


Ellen G. White Estate



UWIFUZWA IBIHE BYOSE

ELLEN G. WHITE

IRIBURIRO

Ku bwoko runaka cyangwa mu bihe runaka umuntu abamo, agira ibyifuzo adashobora guhunga byo kubona ibintu adafite. Imana y'ubuntu yashyize uwo mutima muri kamere yacu kugira ngo hatagira ikintu kibi cyangwa cyiza ndetse cyiza cyane mu byo dushobora kubona cyaduha umunezero wuzuye. Imana yifuza ko umuntu ashaka ubutunzi burusha ubundi kandi abuboneremo umunezero uhoraho.

Iki gitabo gifite intego yo kwerekana ko Yesu Kristo ari we wenyine usubiza ibyifuzo byacu. Ni iby'ukuri ko ubu hariho « ubuzima bwa Kristo », ibitabo by'agahozo, bikungahaye, birimo uruhererekane rw'amateka yanditswe ku buryo bwa gihanga, ibikorwa biriho, imigenzo, ahantu ndangamateka, inyigisho n'uburyo bunyuranye babonamo Yesu w'i Nazareti. Nyamara twemere ko byose bitavuzwe, ko hasigaye byinshi tugomba kwiga.

Nuko rero tuvuge ko iki gitabo kitagamije kugaragaza guhuza k'ubutumwa bwiza nta n'ubwo ari ugushyira ku rutonde rudasubirwaho uruhererekane rw'ibyabaye by'ingenzi cyangwa amasomo meza yagaragajwe n'ubuzima bwa Kristo. Intego yacyo ni iyo kwerekana urukundo rw'Imana rwagaragariye mu Mwana wayo, ubwiza bw'Imana mu buzima bwa Kristo, buri wese ashobora kugiramo uruhare aho gushaka kumara amatsiko cyangwa gusubiza ibibazo by'impaka. Kubw'imico myiza ye, Yesu yireherejeho abigishwa be; kubwo kubana na bo, kubwo kubabarana nabo imbere y'ubumuga n'ubukene bwabo, yavanaga imico yabo kuri gahunda y'isi ayiganisha ku y'ijuru, ayivana ku kwikunda ngo igire kwitanga, umutima ufunganye : (imbuto y'ubujiji n'intekerezo mbi) ugere ku kwaguka, kwatumaga bamenya kandi bagakunda cyane abantu b'amahanga yose n'amoko yose. Kubw'ibyo, iki gitabo kirashaka guhuza ku buryo bwahuranije umusomyi n'Umucunguzi mva juru Yesu ushobora byose, ushobora gukiza byuzuye no guhindura mu ishusho ye abegerezwa Imana nawe bese. Mbega uburyo biruhije kuvuga iby'ubuzima bwa Kristo ! Ni ukugerageza gushushanya umukororombya ku gitambaro cyangwa kwandukura amajwi meza y'indirimbo ku rupapuro.

Mu mpapuro zikurikira, umwanditsi-umugore ufite ubunararibonye burebure kandi bwimbitse mu by'Imana-yashyize ahabona ibyiza bitarondoreka biri mu buzima bwa Yesu. Akura mu bubiko amabuye amwe y'agaciro. Muri ubwo bukungu budafite iherezo avomamo, ku nyungu z'umusomyi ubukire budakemangwa. Bityo, ahereye ku byo abantu basanganywe bibwiraga ko bazi neza, yavanyemo umucyo w'urumuri ruhebuje. Yesu Kristo ahagaragazwa nk'ihuriro ry'ibyifuzo n'ibyiringiro by'ibisekuriza byose.

Mu gutangariza iki gitabo abantu bese, turasaba Imana ngo ubutumwa bwayo buhinduke ijamba ry'ubugingo ku basomyi benshi bagifite inzara n'inyota bitarashira.

IBIRIMO

1. IMANA IRI KUMWE NATWE.....	7
2 . UBWOKO BWATORANIJE	16
3. KUZURA KW'IBIHE	21
4 . MWAHAWA UMUKIZA	28
5 . GUTURWA UWITEKA	33
6. TWABONYE INYENYERI YE	41
7. AMABYIRUKA YA YESU	49
8. AJYA MURI PASIKA	56
9. IBIHE BY'INTAMBARA	65
10. IJWI RY'URANGURURIRA MU BUTAYU	73
11. UMUBATIZO	86
12. IBIGERAGEZO.....	91
13 . KUNESHA.....	102
14. TWABONYE MESIYA.....	108
15. KU IFUNGURO RYO MU BUKWE.....	121
16. MU RUSENGERO RWE.....	131
17. NIKODEMU	143
18. AKWIRIYE GUKUZWA.....	153
19. BUGUFI BW'IRIBA RYA YAKOBO.....	158
20. NIMUTABONA IBITANGAZA	170
21. BETESIDA N'INAMA NKURU Y'ABAYUDA.....	174
22. GUFUNGWA N'URUPFU BYA YOHANA	189
23. UBWAMI BW'IMANA BURI HAFI	202
24. MBESE SI UMWANA.....	208
25. GUHAMAGARWA KW'INTUMWA.....	216
26. I KAPERINAWUMU	223
27. USHOBORA KUNKIZA	234
28. LEWI MATAYO.....	245
29. ISABATO	255

30. ATORANYA INTUMWA CUMI N'EBYIRI	264
31. IKIBWIRIZWA CYO KU MUSOZI.....	273
32. UMUTWARE W'ABASIRIKARE IJANA	290
34. IRARIKA	303
35. CECEKA, UTUZE	308
36. KUMUKORAHU WIZEYE.....	318
37. ABABWIRIZABUTUMWA BA MBERE.....	323
38. MUZE AHIHEREREYE....MURUHUKE.....	334
39. MUBE ARI MWE MUBAGABURIRA	340
40. IJORO KU Kiyaga	348
41. INGORANE Z'I GALILAYA	355
42. IMIGENZO	369
43. INZITIZI ZAKUWEHO.....	374
44. IKIMENYETSO NYAKURI	380
45. UKO UMUSARABA WEREKANYWE MBERE Y'IGIHE.....	387
46. ARABAGIRANA	397
47. UMURIMO	402
48. UMUKURU NI NDE?	408
49. MU MINSI MIKURU Y'INGANDO.....	420
50. MU MITEGO.....	428
51. UMUCYO W'UBUGINGO	437
52. UMUSHUMBA WAVUYE MU IJURU	451
53. KUVA I GALILAYA BURUNDU	458
54. UMUSAMARIYA MWIZA	469
55. ATARI KU MUGARARAGARO	477
56. YESU AHA ABANA UMUGISHA	482
57. UBUZE KIMWE	488
58. LAZARO, SOHOKA!	493
59. UBUGAMBANYI BW'ABATAMBYI	505
60. AMATEGEKO Y'UBWAMI BUSHYA.....	511
61. ZAKAYO	517

62. MU NZU YA SIMONI 522

63. UMWAMI Wawe ARAJE 534

64. ISHYANGA RYACIRIWEHO ITEKA 544

65. URUSENGERO RWONGERA KWEZWA..... 551

66. AMAKIMBIRANE 564

67. MWA BAFARISAYO MWE, MUZABONA ISHYANO..... 573

68. MU BIKARI INYUMA Y’URUGO 585

69. KU MUSOZI WA ELAYONO 592

70. UMWE MURI ABA BATO CYANE 602

71. UMUGARAGU W’ABANDI 608

72. KUGIRA NGO MUNYIBUKE 618

73. NTIMUHAGARIKE IMITIMA YANYU 628

74. GETSEMANI 648

75. IMBERE YA ANA N’IMBERE YA KAYAFA 659

76. YUDA 675

77. MU RUKIKO RWA PILATO 683

78. KALUVARI 702

79. BIRARANGIYE 718

80. MU MVA YA YOSEFU 727

81. UMWAMI YAZUTSE 738

82. KUKI URIRA? 745

83. MU NZIRA IJYA EMAUSI 751

84. AMAHORO ABE MURI MWE 756

85. INDI NSHURO KU NKENGERO..... 763

86. MUGENDE, MWIGISHE AMAHANGA YOSE 771

87. NGIYE KWA DATA, ARI WE SO..... 784

1. IMANA IRI KUMWE NATWE



« Azitwa Emmanuel.... Imana iri kumwe natwe¹. » Umucyo wo « kumenya ubwiza bw’Imana » wagaragaye mu maso ha Yesu Kristo. Uhereye kera kose Umwami Yesu yari umwe na Se; “uwo kuko ari ukurabagirana k’ubwiza bwayo n’ishusho ya kamere yayo. Yazanywe mu isi no kwerekana ubwiza bw’icyubahiro cyayo².

Yazanywe no kwerekana umucyo w’urukundo rw’Imana muri iyi si yijimishijwe n’icyaha. “ Yari Imana yabanaga natwe” ni yo mpamvu ubuhanuzi bwari bwaravuze ngo “Azitwa Immanuel”

Mu kuza gutura muri twe, Yesu yazanywe no guhishurira abantu Imana ndetse n’abamalayika. Yari Jambo w’Imana, gutekereza Imana byumvikana mu matwi ya buri muntu. Mu isengesho rye yasabye asabira abigishwa be, yaravuze ati : «Nabamenyesheje izina ryawe». « Imana y’ibambe n’imbabazi itinda kurakara ifite kugira neza kw’ishuri n’umurava mwinshi ». «Kugira ngo urukundo wankunze rube muri bo nanjye ngo mbe muri bo³ ». Uko guhishurwa, ntabwo kwahishuriwe abaturage b’iyi si gusa. Iyi si yacu n’ubwami ni igitabo cy’ibyaremwe. Umugambi utangaje w’ubwami bw’Imana, ubwami bw’urukundo rwaducunguye, iyo ni yo ngingo « abamalayika bagirira amatsiko bashaka kubirunguruka⁴». Kandi icyo kizaba icyigisho bazahora biga mu bihe byose bitagira iherezo.

Abacunguwe ndetse n’ibindi biremwa bitacumuye bazabona ubwenge bwabo n’indirimo yabo mu maso ha Kristo. Bazabona ko ubwiza bwababwiranye mu maso ha Kristo ko bwari ubwiza bw’urukundo rwitanga. Bazabona ko mu kumurikirwa n’umucyo w’i Kaluvari ari ho amategeko y’urukundo rwiye ari, ari na yo mategeko y’imibereho akwiriye isi n’ijuru. Kandi ko urukundo «rutishakira ibyarwo⁵», rufite isoko mu mutima w’Imana kandi ko mu muntu wicisha bugufi n’umugwaneza hagaragara kamere y’utuye mu mucyo utabasha kwegera n’umuntu uwo ari we wese.

Mbere na mbere Imana yigaragariye mu murimo w’ibyo yaremye byose.

Kristo ni we wabambye ijuru, kandi ashyiraho n'imfatiro z'isi. Ukuboko kwe ni ko kwashyizeho amasi mu kirere, kandi arema n'uburabyo bwo mu gasozi. Iyo ni yo «Ishimangirisha imisozi imbaraga zayo». «Inyanja na yo ni we wayiremye⁶». Ni we wujuje isi ubwiza n'umwuka ku bintu byose biri mu isi no mu kirere ndetse no mu ijuru, yabyanditseho ubutumwa bw'urukundo rwa Data wa twese.

Nubwo icyaha cyahindanyije umurimo utunganye w'Imana, ubwo butumwa buracyariho kugeza n'ubu. Ubu ibyaremwe byose bigaragaza ubwiza bw'ubutungane bw'Imana. Uretse umutima wikunda w'umuntu, nta na kimwe kibaho ku bwacyo. Nta nyoni n'imwe iguruka mu kirere, nta nyamaswa n'imwe yigenza ku butaka itabereyeho kunganira ibindi binyabuzima. Ikibabi cy'ubusabusa cy'igiti ndetse n'akatsi gato gafite umurimo gakora. Buri giti cyose, buri shami ryose buri kibabi cyose bizana ikintu cy'ubuzima ku buryo bitabonetse nta muntu cyangwa inyamaswa byabasha kubaho. Na none kandi buri muntu na buri nyamaswa bigira icyo bimara kugira ngo habeho ubuzima bw'igiti, ishami n'ikibabi. Indabyo zitama impumuro yazo nziza maze zigakwiza ubwiza bwazo kubw'umunezero w'abantu. Izuba rikwirakwiza umucyo kugira ngo amasi menshi yishime» Inyanja ngari nayo ubwayo yo nkomoko y'imigezi yacu ndetse n'amasoko yacu yose, yakira amazi y'inzuzi kugira ngo yongere kuyatanga. Urwokotsi ruyavuyemo rwongera kumanukira ubutaka ari imvura imeza imyaka.

Abamalayika b'icyubahiro batangana umunezero urukundo rwabo n'uburinzi bwabo budahwema bagirira ibiremwa byaguye kandi byanduye. Ibiremwa byo mw'ijuru bihumuriza imitima y'abantu bazanira iyi si y'umwijima umucyo wo mu bikari byo mu ijuru; kubw'umurimo wabo w'urukundo no kwihangana, bakora igikorwa ku bitekerezo by'umuntu kugira ngo bigarure imitima yayobye mu musabano na Kristo uruta uwo bagirana bo ubwabo.

Ariko mureke dushyire ku ruhande ibyo bimenyetso bitari ingenzi cyane, kugira ngo turebe Imana muri Yesu. Mu guhanga amaso Yesu, dusobanukirwa ko ari icyubahiro cy'Imana yacu kigaragarira mu gutanga. Yesu yarakomeje ati: «Ntacyo mbasha gukora ubwanjye»; «Data uhoraho yarantumye, ndiho kubwa Data.» Sinishakira icyubahiro, nshaka icyubahiro cy'Uwantumye⁷. Aya magambo arumvikanisha ihame rikomeye, ari ryo mategeko y'ubuzima agenga ibyaremwe. Kristo yahawe byose n'Imana, kandi abyakirira kugira ngo abitange. Uko ni ko bimeze mu murimo akorera mu bikari byo mu ijuru, asabira ibyaremwe byose: binyuze mu Mwana w'Imana ukundwa, ubugingo bwa Data bugera kuri buri wese, maze bukamusubiraho binyuze mu Mwana mu buryo bwo guhimbaza n'imirimo

inejeje, urwo ni rwo runyuranyurane rw’urukundo rugana ku isoko nkuru yuzura isi yose. Binyuze muri Kristo umuyoboro w’ubugiraneza uruzuye ugaragaza umuco w’Imana, amategeko atanga ubugingo.

Mu ijuru ubwaho ni ho amategeko yiciwe. icyaha cyabonye inkomoko yacyo mu kwishakira inarijye. Lusiferi wari umukerubi utwikira yashatse kuba uwa mbere mu ijuru. Yagerageje kwigarurira ku bwe ibiremwa byo mu ijuru, abitandukanya n’Umuremyi wa byo maze abisezeranya icyubahiro n’ikuzo ryinshi. Kugira ngo abigereho, yerekanye Imana uko itari ayirega ubwirasi. Imico ye mibi ayitwerera Umwami w’Umunyarukundo. Muri ubwo buryo aba ashoboye kubeshya abamalayika, akurikizaho abantu. Abatera gushidikanya Ijambo ry’Imana, no kutiringira ubuntu bwayo. Kuko Imana ikiranuka kandi igoswe n’icyubahiro cyinshi, satani yagaragaje Imana nk’inyagitugu itagira impuhwe. Akururira abantu kwigomeka ku Mana maze guhera ubwo icuraburindi ryinshi ribudika mu isi.

Kuko Imana itamenyekanye uko iri, umwijima wigaruriye isi. Kugira ngo icyo gicu gicuze umwijima gitamuruke abantu bagarurwe ku Mana, byari ngombwa kumenagura ububasha bw’uburiganya bwa satani. Gukoresha imbaraga zisanze ntibyashobokaga kubigeraho, kuko iyo mikorere ihabanye n’amahame y’ingoma y’Imana. Imana yemera umurimo uvuye ku rukundo; nyamara urukundo ntiruhatirwa, ntabwo ruboneshwa no gukoresha imbaraga cyangwa itegeko. Urukundo rukangurwa n’urukundo. Kumenya Imana ni ukuyikunda; kamere yayo igaragara ihabanye cyane n’iya Satani. icyo gikorwa cyashoboraga gusohozwa n’umwe rukumbi mu bibaho byose. Uwo wenyine ni we uzi uburebure bw’igihagararo n’uburebure bw’ikijyepfo by’urukundo rw’Imana ni nawe ushobora kuruhishura. Mu ijoro ricuze umwijima utwikiriye iyi si “ Zuba ryo gukiranuka yagombaga kurasa azanye gukiza mu mababa ye⁸.”

Inama yo gucungura umuntu ntabwo ikwiriye kugaragara ari nk’igitekerezo cyatinze ngo kibe cyaraje gikurikiye ukugwa kwa Adamu. Ahubwo ni ihishurwa ry’ubwiru bwagizwe ibanga uhareye kera kose. “ Iryo hishurwa ryagaragaje amahame agize urufatiro rw’ingoma y’Imana uhareye kera kose⁹.” Uhareye mbere na mbere Imana na Kristo bari barabonye ubuhakanyi bwa Satani, no kugwa k’umuntu, gutewe n’imbaraga ishukana y’uwo muhakanyi. Imana si yo nyirabayazana w’icyaha, ariko yari izi ko kizabaho maze yitegura guhangana n’icyo cyago gikomeye. Urukundo rwayo yakunze abari mu isi rwari rwinshi cyane

byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege “kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho¹⁰.”

Lusiferi yariyariye ati: “Nzazamuka njye mu ijuru nkuze intebe yanjye y'ubwami, isumbe inyenyeri z'Imana, nzaba nk'Isumbabyose¹¹.” Nyamara Kristo “nubwo yabanje kugira akamero k'Imana ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo yisiga ubusa, ajyana akamero k'umugaragu w'imbata agira ishusho y'umuntu¹².”

Aho habaye igitambo cy'ubushake. Yesu yashoboraga kwibera iruhande rwa Se. Yari gushobora kwigumanira icyubahiro cy'ijuru no guhabwa ikuzo n'abamalayika. Yahisemo gushyira inkoni ye y'ubugabe mu maboko ya Se maze yururuka ku ntebe y'ijuru n'isi kugira ngo azanire umucyo abatarawugiraga, azanire ubugingo abarimbukaga.

Dore hari hashize imyaka nk'ibihumbi bibiri humvikanye ijwi ry'igitangaza rivuye ku ntebe y'Imana ryumvikana mu ijuru rigira riti: “Ibitambo n'amaturu ntiwabishatse, ahubwo wanyiteguriye umubiri, mperako ndavuga nti: Dore ndaje Mana. Mu muzingo w'igitabo niko byanditswe kuri njye. Nzanywe no gukora ibyo ushaka¹³.” Aya magambo yose yatangazaga gusohora k'umugambi wahishwe uherye kera kose. Kristo yari hafi kuza gusura iyi si yacu no kwigaragaza ari umuntu; niko kuvuga ati: “Ahubwo wanyiteguriye umubiri.” Iyo aza kwigaragaza yambaye ubwiza bw'icyubahiro yari asangiye na Se mbere yuko isi iremwa, ntitwari kubasha kwihanganira umucyo w'ubwiza bwe. Kugira ngo tubashe kumureba tutarimbutse, ubwiza bw'icyubahiro cye bwatwikiriwe, ubumana bwe bwambitswe umwenda w'ubumuntu, ubwiza butagaragara bufata ishusho ya kimuntu iboneka.

Uwo mugambi ukomeye wari waravuzwe hakoreshejwe ibimenyetso n'amapica. Igihuru cyaka kidashya, aho Kristo yiyeretse Mose bwari uburyo bwo kumenyekanisha Imana. Ikimenyetso cyatoranijwe cyo kwerekana ubumana, hano cyabaye igihuru cyoroheje kidafite ikintu giteye amatsiko. Nyamara Ihoraho yarimo. Imana ifite ubushobozi bwose bwo kubabarira. Yashyize icyubahiro cyayo muri iyo pica icishije bugufi, kugira ngo Mose ashobore kuyitegereza kandi abeho. Muri ubwo buryo muri ya nkingi y'igicu yagaragaraga ku manywa, maze nijoro ikaba inkingi y'umuriro, Imana yagiriranagamo umushyikirano n'Abisirayeli, ikamenyesha abantu ubushake bwayo, kandi ikabakwizaho ubuntu bwayo.

Icyubahiro cy’Imana cyarorohejwe, ubuhangange bwayo buratwikirwa kugira ngo amaso y’abantu b’abanyantege nke kandi bapfa bashobore kuyitegereza. Uko niko na Kristo yari agiye kuzaza, yihinduye nk’abantu kugira ngo ahindure “uyu mubiri wo gucishwa bugufi kwacu¹⁴.” Ntiyari afite ishusho nziza cyangwa igikundiye, kandi ubwo twamubonaga ntiyari afite ubwiza bwatuma tumwifuza. Nyamara yari Imana yigize umuntu, umucyo w’ijuru n’isi. Ubwiza bwe bwaratwikiriye icyubahiro cye n’igitinyiro cye birahishwa kugira ngo abone uko yegera abantu barushye kandi bageragezwa.

Imana yategetse Abisirayeli mu kanwa ka Mose igira ati : “ Kandi bandemere ubuturo bwera ntwe hagati muri bo¹⁵.” Nuko Imana itura mu buturo bwera mu bwoko bwayo hagati. Ikimenyetso cyo kuba muri bo kwayo, cyarabaherekezaga mu ngendo zabo zivunanye mu butayu. Bityo Kristo ashinga ihema rye mu ngando y’abantu. Ashinga ihema rye iruhande rw’amahema y’abantu kugira ngo ature muri twe, atumenyereze kamere ye y’ubumana n’imibereho ye. “Jambo uwo yabaye umuntu abana na twe, tubona ubwiza bwe busa n’ubw’Umwana w’ikinege wa se, yuzuye ubuntu n’ukuri¹⁶”

Kuva igihe Imana yaje guturana natwe, tuzi ko izi ibitugerageza kandi ikifatanya natwe mu mibabaro yacu. Buri muhungu n’umukobwa w’Adamu wese abasha gusobanukirwa ko Umuremyi wacu ari inshuti y’abanyabyaha. Kuko muri buri hame ryose ry’ubuntu, muri buri sezerano ry’umunezero, mu gikorwa cyose cy’urukundo, mu kintu cyose kidukomeza, iyo dutekereje ku buzima bw’Umukiza wacu hano ku isi, tubona “Imana iri kumwe natwe”.

Satani yagoretse amategako y’urukundo rw’Imana ayagira amategako yo kwikunda n’inarijye. Atwizeza ko bidashoboka kumvira amategako y’Imana. Akavuga ko Umuremyi wacu ari we nyirabayazana wo kugwa kw’ababyeyi bacu ba mbere, ko ari n’intandaro y’ibibi byose byakurikiyeho; bityo Imana akayihindura umuhanzi w’icyaha, imibabaro n’urupfu. Yesu yagombaga gushyira ahabona ibyo binyoma bye. Amaze guhinduka nka twe, yari agiye gutanga icyitegererezo cyo kumvira. Kubw’ibyo, yambara akamero kacu, maze asakirana n’ibintu biturushya byo muri ubu buzima. “ Nicyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene se muri byose¹⁷.” Iyo tuza guhura n’ibiruta ibyo Yesu yihanganiye, Satani yari kuhakura impamvu z’urwitwazo ngo abe yatwereka ko imbaraga z’Imana zitabasha kugira icyo zitumarira. Nicyo cyatumye Yesu “Yarageragejwe uburyo bwose nka twe¹⁸.” Yihanganiye ibigeragezo byose bishobora kutugeraho . Ntabwo yigeze ahamagaza imbaraga zo kumutabara,

tutahabwa tuzisabye. Nk’umuntu, yihanganiye ibigeragezo kandi yaratsinze kubera imbaraga yahabwaga n’Imana. Yaravuze ati : “ Mana yanjye, nishimira gukora ibyo ukunda, ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye¹⁹.” Kandi yavaga ahantu aya ahandi agenda akora ibyiza, akiza abo satani atwaza igitugu, aha abantu kumenya imiterere nyakuri y’amategeko y’Imana n’imiterere nyakuri ku murimo we. Ahamisha imibereho ye ko dufite ubushobozi bwo kumvira amategeko y’Imana.

Mu bumuntu bwe, Kristo yaje kubana n’abantu, nyamara mu bumana bwe yari afashe intebe y’ubwami bw’Imana. Nk’umwana w’umuntu yadusigiyeye icyitegererezo cyo kumvira, nk’Umwana w’Imana aduha ubushobozi bwo kumvira. Mu gihuru cyaka kidashya cyo ku musozi wa Horebu, ni Kristo wavuze ati: “ *Ndi uwo ndiwe* ” kandi ati: *Ndiho* ube ariko uzabwira Abisiraeli uti: “*Ndiho* Uwiteka yabantumye²⁰.” Iyo ni yo mpamvu yo gucungurwa kw’Abisiraeli. Bityo igihe yazaga afashe ishusho y’umuntu yahamije ko ari *Ndiho* “ *uruhinja rw’i Betelehemu*, Umucunguzi wicishije bugufi kandi woroheje yari “ Imana yigize umuntu.²¹” Kandi aratubwira ati : “ Ndi Umwungeri mwiza ” kandi “ Ndi umutsima w’ubugingo. “Ninjye nzira n’ukuri n’ubugingo. Nahawe ubutware mu ijuru no mu isi²².” Ni njye Mwishingizi w’ayo masezerano yose. *Ndiho* ntimugire icyo mutinye “ *Imana iri kumwe na twe* ” Bityo ugucungurwa kwacu kutuvana mu byaha, kuba kubaye impamo, imbaraga zo kumvira amategeko y’ijuru twarazemerewe .

“Mu kwicisha bugufi kugeza ubwo yambara akamero k’umuntu, Kristo yagaragaje kamere ihabanye n’iya Satani. Ariko yaramanutse cyane mu nzira yo guca bugufi. Yicishije bugufi araganduka “ajyana akamero k’umugaragu w’imbata agira ishusho y’umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y’umuntu yicisha bugufi araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba²³.” Nk’uko umutambyi mukuru yakwiyambura umwambaro we ukomeye w’ubutambyi bukuru kugira ngo atambe yambaye umwambaro w’igitare usuzuguritse w’umutambyi woroheje, niko Kristo yafashe ishusho y’umugaragu w’imbata maze atamba igitambo cye, ari umutambyi akaba n’igitambo. “Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe. Yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu. Igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we²⁴.”

Kristo yahaniwe imigenzereze mibi yacu kugira ngo tubashe kwitirirwa imirimo ye myiza. Yashenjaguriwe ibicumuro byacu kandi tutarabifataniye, kugira ngo dushobore gutsindishirizwa no gukiranuka kwe, tudafataniye na we. Yapfuye

urupfu rwari rudukwiriye kugira ngo tubashe kwakira ubugingo aduha, “kandi imibyimba ye ni yo adukirisha²⁵.”

Kubw’ubugingo bwe n’urupfu rwe, Kristo yakoze byinshi biruta gusana ibyangijwe n’ibyaha. Satani yifuzaga gutandukanya umuntu n’Imana iteka ryose. Nyamara muri Kristo duhindurwa umwe n’Imana tukaba isanga n’ingoyi nk’abatigeze bacumura. Mu kwiambika kamere yacu umucunguzi yifatanije n’umuntu akoresheje umurunga udashobora gucika, uzagumaho uko ibihe bihaye ibindi. “Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege²⁶.” Ntabwo yikoreye ibyaha byacu gusa kugira ngo adupfire ku musaraba mu gitambo, si byo yatangiwe gusa, Imana yamutanze by’iteka ryose kubw’abantu bose bagomye. Kugira ngo yubahirize inama yayo y’amahoro idahinduka, Imana yatanze Umwana wayo w’ikinege nk’umwe mu buzaza umuryango w’abantu, kugira ngo by’iteka ryose ajye asangira natwe kamere yacu. Bityo haboneka ubwishingizi bwo gusohozza amagambo y’Imana. “Nuko umwana yatuvukiye duhawe umwana w’umuhungu ubutware buzaba ku bitugu bye.” Mu Mwana wayo Imana yafashe ishusho y’umubiri wa kimuntu maze iwuzamura hejuru cyane mw’ijuru. “Umwana w’umuntu ni we wahawe intebe y’ubwami bw’ijuru n’isi. “Umwana w’umuntu ni we wahawe iri zina ngo “Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese, Uhoraho, Umwami w’amahoro²⁷.” “**Ndiho** ni we muvugizi washyizwe hagati y’Imana n’abantu, ukuboko kwe kumwe gufashe ku Mana ukundi gufashe ku muntu. Nubwo ari umukiranutsi wera utagira inenge, utandukanye n’abanyabyaha, ntagira isoni zo kutwita bene se²⁸.” Muri Kristo umuryango wo ku isi n’uwo mu ijuru birahuzwa. Kristo wahawe ikuzo ni umuvandimwe wacu. Ijuru ryihuje n’isi, isi iba ishyizwe kandi ikikijwe n’urukundo rutagira akagero. Ku bw’ubwoko bwayo, Imana yaravuze iti “Bazamera nk’amabuye meza atatse ku ikamba ashyizwe hejuru y’igihugu cye, kandi ubwiza bwe ni bwinshi²⁹.” Urugero abacunguwe bazazamukaho ruzaba igihamba cy’iteka ryose cyerekana imbabazi z’Imana. “Kugira ngo mu bihe bizaza izerekane ubutunzi bw’ubuntu bwayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu.... Guhera ubu abatware n’abafite ubushobozi bw’ahantu ho mu ijuru mu buryo bw’umwuka bamenyeshwe n’itorero ubwenge bw’Imana, ubwenge bw’uburyo bwinshi nk’uko yabigambiriye kera kose muri Kristo Yesu Umwami wacu³⁰.”

Ingoma y’Imana yatsindishirijwe bitewe n’umurimo wa Kristo wo gucungura. Imana ishobora byose yahishuwe nk’Imana y’urukundo. Ibirego bya satani byavanyweho. Imico ye ishyirwa ahabona. Kwongera kwigomeka

ntibigishobotse. Ntabwo icyaha kizongera kwinjira mu byaremwe. Bose bazarindwa ubuhakanyi, mu bihe bizaza iteka ryose. Noneho abatuye isi n’abo mu ijuru bunzwe n’Umuremyi wabo n’imirunga idashobora gucika.

Umurimo wo gucungura uzaba urangiye. Aho igicumuro cyuzuye, ubuntu bw’Imana buzahasendera. Isi nayo ubwayo Satani aburana ko ari ubukonde bwe, ntabwo izacungurwa gusa ahubwo izanabonezwa. Isi yacu nubwo ari gato, kaba ari akadomo kirabura mu bindi biremwa biboneye, ikaba irimo umuvumo w’icyaha, izubahishwa cyane gusumba ayandi masi. Hano ku isi aho Umwana w’Imana yashinze ihema rye mu bantu, aho Umwami w’icyubahiro yabaye, akahababarira, ndetse akanahapfira, hano ku isi igihe Imana izahindura ibintu byose bishya ihema ry’Imana rizaba mu bantu,. “kandi izaturana na bo, nabo bazaba abantu bayo, kandi Imana ubwayo, izabana na bo³¹.” Bagendera mu mucyo w’iteka ryose, abacunguwe bazashimira impano ya bo y’agahozo Immanuel, “*Imana iri kumwe natwe*.”

1. Matayo 1:23.
2. 2 Abakorinto 4:6; Abaheburayo 1:3.
3. Kuva 34:6; Yohana 17:26.
4. 1 Petero 1:12.
5. 1 Abakorinto 13:5.
6. Zaburi 65:7; 95:5.
7. Yohana 8:28; 6:57; 8:50; 7:18.
8. Malaki 4: 2.
9. Abaroma 16:25.
10. Yohana 3:16.
11. Yesaya 14:13-15.
12. Abafilipi 2:6,7.
13. Abaheburayo 10:5-7.
14. Abafilipi 3:21.
15. Kuva 25:8.
16. Yohana 1:14.
17. Abaheburayo 2:17.
18. Abaheburayo 4:15.
19. Zaburi 40:8
20. Kuva 3:14.
21. 1 Timoteyo 3:16.
22. Yohana 10:11; 6:51; 14:6; Matayo 28:18.
23. Abafilipi 2:8.

24. Yesaya 53:4.
25. Yesaya 53:5.
26. Yohana 3:16.
27. Yesaya 9:5,6.
28. Abaheburayo 7:26; 2:12.
29. Zakariya 9:16,17.
30. Abefeso 2:7; 3:10,11.
31. Ibyahishuwe 21:3.

*** **

2 . UBWOKO BWATORANIJWE



Ubwoko bw'Abayuda bwari bwarategereje kuza k'Umukiza, mu gihe kirenga imyaka igihumbi. Ibyiringiro byabo byose bari barabishimangiye kuri icyo gikorwa. Izina ry'uwo Mukiza bari

bararishyize mu ndirimbo zabo no mu buhanuzi bwabo, mu migenzo yabo yakorwaga mu rusengero ndetse no mu masengesho bagiraga mu ngo. Nyamara igihe yabiyerekaga ntibarakamumenya.

Ukundwa n'ijuru yabereye ubwoko bw'Abayuda “nk'ikigejigeji, nk'igishyitsi cyumburira mu butaka bwumye. Ntiyari afite ishusho nziza cyangwa y'igikundiro, kandi ubwo twamubonaga ntiyari afite ubwiza bwatuma tumwifuza.” “Yaje mu be, ariko abe ntibamumenya¹.”

Nyamara Imana yari yaratoranije Isiraeli. Yari yarabashinze kumenyekanisha amategeko yayo mu bantu, kimwe n'ibimenyetso n'ubuhanuzi bwavugaga iby'Umukiza. Imana yashakaga kubagira isoko y'agakiza ku batuye isi. Icyo Aburahamu yari mu gihugu cy'ubusuhuke bwe, icyo Yosefu yari mu gihugu cya Egiputa, icyo Daniel yabaye ari i Babuloni, ni cyo Abaheburayo bari bakwiriyeye kuba mu mahanga yari abakikije. Icyo bari bategerejweho kwari ukumenyekanisha Imana mu bantu.

Ubwo Uwiteka yahamagaraga Aburahamu yamubwiye aya magambo ngo: “Nzaguha umugisha, kandi uzaba umugisha kandi muri wowe ni mwo imiryango yo mu isi izaherwamo umugisha².” Inyigisho nk'izo zongeye kwibutswa n'Abahanuzi. Ndetse na nyuma y'uko Isirayeli iyogozwa n'intambara mu bunyage, iri sezerano bongeye kurihabwa ngo : “Abarokotse ba Yakobo bazaba mu moko menshi bababere nk'ikime kivuye k'Uwiteka cyangwa nk'imvura y'urujoko igwa mu byatsi, bitagomba kurindira umuntu no gutegereza abantu³.” Uwiteka yavugiye mu kanwa ka Yesaya ku byerekeye iby'urusengero rw'i Yerusalemu agira ati: “Inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo n'amahanga yose⁴.”

Nyamara Abisiraeli bashingiraga ibyiringiro byabo ku bikomeye byo mu isi. Kuva igihe binjiriye mu gihugu cy'i Kanani bataye amategeko y'Imana, bikurikirira inzira z'abanyamahanga. Imana yaboherereje imiburo ikoresheje abahanuzi bayo ariko biba iby'ubusa. Uko abanyamahanga babababaje babarenganya ntacyo byabamariye. Buri gerageza ryose ry'ubugorizi ryakurikirwaga n'ubuhakanyi bukomeye cyangwa bukabije.

Iyo Abisirayeli baza kumvira Imana ya bo bari gusohoza umugambi wabo mu cyubahiro no mu bwiza. Iyo baza kuba baragendeye mu nzira yo kumvira, Imana yari “kubasumbisha ayandi mahanga yaremye yose, bakayarusha gushimwa, kogera no kubahwa.” Mose yarababwiye ati: “Amahanga yo mu isi yose azabona ko witiriwe izina ry'Uwiteka agutinye.” Amahanga yari kumva amategeko yawe yose yari kuvuga ngo: “Ni ukuri iri shyanga rikomeye ni ubwoko bw'ubwenge n'ubuhanga⁵.” Ukutumvira kwabo ntikwatumye umugambi w'Imana ugerwaho banyuze mu mibabaro no mu gucishwa bugufi k'urudaca.

Bigaruriwe na Babuloni kandi batatanirizwa mu bihugu by'amahanga. Imibabaro itera bamwe kongera kuvugurura amasezerano bagiranye n'Imana. Mu gihe inanga zabo bari bazimanitse ku biti, baririraga urusengero rwera rwabaye amatongo. Umucyo w'ukuri wongeraga kumurika ku bw'abo, kandi kumenya Imana y'ukuri bigakwira mu mahanga. Umuhango wo gutamba ibitambo by'abapagani wari ubwanzi burwanya umuhango wera washyizweho n'Imana; benshi mu bakomezaga imihango ya gipagani bataryarya bigiye ku Baheburayo ubusobanuro nyakuri bw'umurimo w'Imana maze kubwo kwizera na bo bakira isezerano ry'Umucunguzi.

Benshi mu bari baratatanye basakirana n'akarengane. Kandi benshi muri bo bicwa bazira kwanga kuzirura isabato ngo bubahirize iminsi mikuru y'abanyamahanga. Mu gihe abasenga ibigirwamana bageragezaga gusiribanga ukuri, Uwiteka yashyizeho abagaragu be guhagarara imbere y'abatware n'ibikomangoma, bityo na bo bahabwa umwanya wo kwakira umucyo hamwe na rubanda. Kenshi ibikomangoma by'ibihangange byagiye bihamya ugukomera kw'Imana Abaheburayo b'abanyagano bakorera.

Kuba abanyagano i Babuloni byatumye Abisirayeli bacika burundu ku gusenga ibishushanyo. Mu binyejana byakurikiyeho baje kurenganywa n'abanzi b'abapagani, nubwo bari baremejwe rwose yuko ubusugire bwabo buterwa no kumvira amategeko y'Imana. Kuri benshi, kumvira kwabo ntikwabaga kuvuye ku rukundo. Impamvu yabo yari ukwikunda gusa

Gukorera Imana kwabo kwari ukw'inyuma bashaka kugira ngo igihugu cyabo kibone isumbwe. Aho kuba umucyo w'amahanga bitandukanije na yo ngo babone uko bacika ikigeragezo cyo gusenga ibigirwamana. Mose yari yarabahaye inyigisho z'uburyo Imana ibakumira ngo be kugirana imishyikirano n'abasenga ibigirwamana; ariko izo nyigisho zahabwaga ubusobanuro butari bwo. Uwo mugambi wari uwo kubabuza kwihuza n'imigenzo y'abanyamahanga. Ariko bazikoresheje bubaka urukuta rutandukanya Abisiraeli n'andi mahanga. Abayuda babonaga ko Yerusalemu ari paradizo yabo maze mu ishyari ryinshi bitaga ishyaka, bakora uko bashoboye kose ngo babuze ubuntu bw'Imana kugera ku banyamahanga.

Bavuye i Babuloni bitaye cyane ku nyigisho z'idini. Amasinagogi yubakwa mu mpande zose z'igihugu cyose, maze abatambyi n'abanditsi bakigishirizamo amategeko. Amashuri ashwirwaho kandi uretse ubukorikori n'ubuhanga, bigishirizagamo n'amahame yo gukiranuka. Nyamara iyo myigishirize yaje kononekara. Mu gihe cy'ubunyage, abantu benshi bari baracengewemo n'ibitekerezo n'imigenzo ya gipagani maze ibyo byinjizwa mu murimo w'iby'idini. Bihuza muri byinshi n'imihango y'abasenga ibigirwamana.

Mu kujya kure y'Imana, Abayuda bivukije inyigisho yari iri mu murimo w'ubutambyi, umurimo Kristo ubwe yari yarishyiriyeho. Mu migabane yawo yose, uwo murimo wari ikimenyetso cyasuraga Kristo, kuva mu itangira ryawo, wari wuzuye ubwiza n'ubuzima bw'iby'umwuka. Ariko abayuda batakaje ubuzima mu by'umwuka, basigarana gusa imihango n'imigenzo bimeze nk'ibintu bipfuye. Bashyira ibyiringiro byabo mu bitambo n'amategeko yabyo, mu cyimbo cyo kwishingikiriza k'uwo byasuraga. Kugira ngo basimbuzwe ibyo bari barabuze, abatambyi n'abigisha bagwiza amategeko yabo bwite. Uko barushagaho kwintangira ni ko urukundo rw'Imana rwabagabanukagamo. Bapimishaga urugero rwo gukiranuka kwabo imihango yabo myinshi, mu gihe imitima yabo yari yuzuwemo n'ubwirasi n'uburyarya.

Kubw'amategeko y'ubucogocogo kandi ananiza bishyiriyeho, byatumye gukomeza amategeko y'Imana birushaho kunanirana. Abashakaga gukorera Imana kandi na none bakihatira kwitondera amategeko y'abigishamategeko bavunwaga n'umutwaro ubaremereye cyane. Umutimanama wabo uruhijwe kandi ubabaye nta karuhuko na gato wabahaga. Satani akoresheje ubwo buryo yihatira guca intege ubwo bwoko no gutanga ubusobanuro bubi kuri kamere y'Imana maze atera igisuzuguriro kwizera kw'Abisiraeli. Satani yizeraga ko arimo gutanga

igihamya cy'ibyo yari yarateguye ubwo yigomekaga mu ijuru: ko amategeko y'Imana adakiranuka, kandi ko adashobora kwemerwa. Yahamije ko n'Abisireli ubwabo badashobora kuyitondera.

Abayuda bifuzaga ukuza kwa Mesiya, ariko ntabwo bari barasobanukiwe neza ikizaba kimuzanye. Bishakiraga gukizwa uburetwa bw'Abaroma mu cyimbo cyo gukizwa ibyaha byabo. Bari bategereje Mesiya w'igihangange uzamenagura imbaraga z'umwanzi ubarenganya maze agaha Abisiraeli ubutware bw'isi yose. Muri ubwo buryo bari biteguye rwose kwanga Umukiza.

Mu gihe Kristo yavukaga ishyanga ry'Abayuda ryari rirembejwe no kuba munsu y'ububasha bw'abatware bw'abanyamahanga; ryari ryarajambijwe n'imihangayiko yo mu mutima. Bari baremereye abayuda kugira uburenganzira runaka bwuzuye, ariko nta kintu na kimwe cyigeraga kibibagiza ko bari mu gahato k'Abaroma, kandi ntibyari biboroheye kwemera ko bakumira imbaraga zabo bazigabanya. Abaroma bari barihayeho ububasha bwo gushyiraho abatambyi bakuru, kandi akenshi cyane uwo mwanya waboneshwaga uburiganya, ruswa, ubundi habayeho kuvusha amaraso. Umurimo w'ubutambyi warushijeho kugenda wononekara. Nyamara abatambyi bakomeje ububasha busesuye, maze bakabwifashisha kugira ngo bagere ku nyungu zabo zo kwikunda n'ubucanshuro. Abaturage barushywaga n'abatambyi batagira impuhwe kandi bagasorera Abaroma imisoro ibavuna cyane. Ibyo byateye rubanda rwose kwirubana cyane. Ibihe byinshi habagaho kwivumbagatanywa. Ubusambo n'urugomo, agasuzuguro no kwanga iby'umwuka, bitangira kwinjira mu mutima w'iryo shyamba.

Kubera urwango banga Abaroma n'ubwibone bwabo ku bw'ishyamba n'idini, Abayuda bihambira cyane ku migenzo yabo y'uburyo bwo gusenga. Abatambyi bageragezaga uko bashoboye ngo bagaragare nk'abakiranutsi mu kwitondera cyane imihango y'idini. Abaturage bari baraherejwe mu bujiji no mu karengane n'abatware babo bari bafite inyota y'ubutegetsu, bifuzaga ko haza uwashobora gutsinda abanzi babo no gusubizaho ubwami bw'Abisiraeli. Bari barize ubuhanuzi ariko ntibasobanukirwa n'ubusobanuro nyabwo mu by'umwuka. Kubera izo mpamvu zose birengagije imirongo y'Ibyanditswe byera yerekana ugucishwa bugufi kwa Kristo ubwo azaba aje ubwa mbere, maze bisobanurira nabi ibyerekeranye n'icyubahiro cye cyo kuza kwe kwa kabiri. Uko kureba kwa bo guhumishwa n'ubwirasi. Ubuhanuzi busobanurwa bakurikije irari rya kamere yabo.

1. Yesaya 53:2; Yohana 1:11.
2. Itangiriro 12:2,3.
3. Mika 5:6.
4. Yesaya 56:7 5. Gutegeka kwa kabiri 26:19; 28:10; 4:6.

***** *** *****

3. KUZURA KW'IBIHE



«Maze igihe gikwiriye
gisohoye Imana yohereza
Umwana wayo ngo
acungure abatwarwa
n'amategoko biduheshe
guhinduka abana
b'Imana¹.»

Kuza k'Umukiza kwari
kwaravugiwe mu murima wa
Edeni. Igihe Adamu na Eva

bumvaga isezerano, bategerezaga gusohora kwa ryo kutazuyaje. Imfura yabo bayakiranye umunezero, biringira ko ari we uzaba umucunguzi. Ariko ryasohoye mu bundi buryo. Abari barahawe isezerano bwa mbere, bapfuye batabonye ugusohora kwaryo. Guhera mu gihe cya Enoki iryo sezerano ryagiye ryibutswa n'abakurambere n'abahanuzi, kugira ngo bakomeze ibyiringiro bizima byo kuboneka kwe ariko ntiyaza. Ubuhanuzi bwa Daniel bwamenyekanishije igihe cyo kuza kwe, ariko ubwo butumwa ntabwo bwumviswe na bese. Ibihe bigenda bisimburana, maze ijwi ry'abahanuzi riraceceka. Igihe ukuboko k'umubisha urenganya kwari kuremerewe, Abisiraeli benshi batakaga bagira bati : «Iminsi iratinze kandi iyerekwa ryose riraheze².»

Imigambi y'Imana ntigira ikiyitera kwihuta cyangwa ngo kiyitinze, kuko imeze nk'inyenyeri zigenda zinyura mu nzira Imana yazigeneye. Imana ikoresheje ikimenyetso cy'umwijima w'icuraburindi n'ikome rigurumana, yahanuriye Aburamu uburetwa Abisiraeli bazakora mu gihugu cy'Egiputa kandi yari yarashyizeho igihe cy'inyaka magana ane bazamara yo. Iravuga iti: «bazabuvamo bavanyemo ubutunzi bw'inshi³.» Imbaraga zose, z'ubwirasi bw'ingoma z'Abafarawo zaruhijwe n'ubusa mu guhangana no gusohora kw'ayo magambo. «Kuri uwo muni wari warashyizweho n'isezerano ry'Uwiteka mbere y'igihe ingabo z'Uwiteka zasohotse muri Egiputa⁴.» Uko ni nako kuza kwa Kristo kwari kwaremejwe mu nama yo mu ijuru. Maze igihe isaha ikomeye y'ibihe yagaragazaga igihe cyategetswe, Yesu avukira i Betelehemu.

«Maze igihe gikwiriye gisohoye Imana yohereza Umwana wayo».

Ubushake bw’Imana bwari bwarayoboye imigenzereze y’amahanga, imiraba y’intambara, ndetse n’imbaraga za kimuntu nubwo igihe cyari kigeze ngo isi yakire kuboneka k’Umucunguzi. Amahanga yose yari ateraniye muni y’ubwo buyobozi. Ururimi rumwe rukumbi ni rwo rwari rwarabaye gikwira, kandi muri rusange rwari rwaremewe nkaho ari rwo nyarwo. Abayuda bavuye mu bihugu byose, babaga baratataniyemo bateraniraga i Yerusalemu mu minsi mikuru ya buri mwaka. Mu gusubira iwabo, byari kuborohera gukwirakwiza mu isi yose, inkuru yo kuza kwa Mesiya.

Muri icyo gihe amadini ya gipagani yari arimo atakaza ubushobozi yari afite ku baturage. Bari bamaze kurambirwa kubabwira ibitangaza, ndetse n’imigani y’ibihimbano. Bifuzaga cyane idini yashobora guhaza ibyifuzo by’imitima. Kandi nubwo umucyo w’ukuri wasaga naho umaze kwitarura abatuye isi, hariho imitima yari ifitiye inyota ukuri, irembejwe n’agahinda n’umubabaro, iyo mitima yahagizwaga no kwifuzwa Imana Ihoraho n’ibyiringiro by’ubuzima bwanesheje igituro.

Ukwizera kwari kumaze gucogora mu Bayuda bari bararorongotaniye kure y’Imana, kandi ibyiringiro byari byaretse kumurikira ahazaza habo. Ntibari bagisobanukirwa n’amagambo y’abahanuzi. Rubanda rwose rwabonaga mu rupfu ubwiru buteye ubwoba, kandi hirya y’urupfu nta kindi babonaga uretse ugushidikanya n’urwijiji. Amaganya y’ababyeyi b’i Betelehemu si yo yonyine yari yarumvikanye mu gutwi k’umuhanuzi, ahubwo ijwi ry’umuborogo w’abatuye isi yose ngo “Induru yumvikana i Rama yo kurira no kuboroga kw’inshi Rashi aririra abana be, yanga guhozwa kuko batakiraho⁵».

Abantu bari bicaye batagira ubahumuriza, mu «gihugu cy’igicucu cy’urupfu», amaso ya bo ananjwe, nubwo bari bafite ibyiringiro bari bategereje kuza k’umutabazi wagombaga gutamurura umwijima kandi agahishura ibanga ry’ahazaza.

Abigisha buzuye umwuka, basanzeye ukuri, nubwo batakomokaga mu ishyamba ry’Abayuda, bari baravuze ibyo kuboneka k’Umwigisha uvuye ku Mana. Bari barahagurutse basimburana bameze nk’inyenyeri mu kirere gicuze

umwijima kandi amagambo yabo y’ubuhanuzi yari yarakongeye ibyiringiro mu mitima y’ibihumbi byinshi by’abanyamahanga.

Guhera mu myaka amagana menshi, Ibyanditswe byera byari byarahinduwe mu rurimi rw’urugiriki, ururimi rwari rwarabaye gikwira mu ngoma y’Abaroma. Abayuda bari baratataniye ahantu hose, kugeza igihe abanyamahanga basangiye na bo gutegereza Mesiya. Ndetse bamwe mu bo Abayuda bitaga abapagani harimo bamwe bari basobanukiwe neza ubuhanuzi bw’Ibyanditswe byera bwerekeranye n’ibya Mesiya kurusha abigisha b’abahanga b’ab’Isiraeli. Bari bamutegereje kugira ngo bavanwe mu bubata bw’ibyaha. Abacurabwenge bihatiraga kugenzura ubwiru bw’umutungo w’Abaheburayo. Ariko umutima w’ubwiko w’Abayuda ukabuza umucyo gukwira. Bashishikajwe no gushyira urusika hagati yabo n’andi mahanga, ntabwo bashakaga kwamamaza ubumenyi buke bari basigaranye ku birebana n’umurimo wa Mesiya. Byari ngombwa ko haza umusobanuzi nyakuri, we wenyine washoboraga gusobanura ibimenyetso bimwerekeye.

Imana yari yaravuganye n’abantu ikoresheje ibyaremwe, ibimenyetso, amashusho, abakurambere n’abahanuzi. Isi yose yari ikeneye kwigishwa mu rurimi rwa kimuntu. Intumwa y’isezerano yagombaga kuvuga. Ijwi rye ryagombaga kumvikanira mu Rusengero rwe bwite. Byari bikwiriye ko Kristo avuga amagambo asobanutse kandi yumvikana. Uwaremye ukuri, yagombaga kuvana ukuri mu gihambiro cy’ibihimbano bya muntu, cyari cyarakubujije kugaragara. Byari bikwiriye ko amahame y’ingoma y’Imana n’inama ikomeye yo gucungura umuntu bisobanuka neza. Ibyigisho bikubiye mu Isezerano rya kera byari bikwiriye gusobanurirwa abantu neza.

No mu Bayuda hari hakirimo abantu bafite imitima yihanganye bakomoka ku gisekuruza cyari cyaragumanye kumenya Imana. Bari barakomeje kugundira amasezerano yari yarahawe ba sekuruza kandi bagashingira kwizera kwa bo mu magambo yari yaravuzwe na Mose ngo: “Nzabahagurukiriza umuhanuzi umeze nka njye ukomotse muri bene wanyu, nuko muzamwumvire mu byo azababwira byose⁶.” Bigishwaga uburyo Uwitaka yagombaga gusiga uwo yatoranije. “Kugira ngo abwirize abakene ubutumwa bwiza” no “kuvura abafite imvune mu mitima no

kumenyesha imbohe ko zibohowe” no “kumenyesha umwaka Umwami agiriyemo imbabazi⁷.” Yabigishaga uburyo yagombaga kuzana “Gukiranuka ku isi” n’uburyo amahanga yagombaga gushyira “ibyiringiro byayo mu mategeko yayo”, “bagakururwa n’umucyo we n’abami bagasanga abyukanye kurabagirana⁸.”

Ayo magambo yavuzwe na Yakobo ari hafi gupfa yuzuzaga ibyiringiro mu mitima yabo ngo : “Inkoni y’ubwami ntizava kuri Yuda n’inkoni y’ubutware ntizava hagati y’ibirenge bye, Nyirayo ataraza⁹.” Uwo ni we amahanga azumvira. Nubwo imbaraga za Isiraeli zabaga zidandabirana, yahamyaga ukwegereza ko kuza kwa Mesiya. Ubuhanuzi bwa Daniel bwagaragaje icyubahiro cy’ubwami bwe bwagombaga guheruka ingoma zose zo ku isi. Umuhanuzi yongera kuvuga ati: “kandi buzahoraho iteka ryose¹⁰” Birumvikana ko bari bake, abasobanukirwaga n’imiterere y’umurimo wa Kristo. Akenshi cyane bumvaga bategereje umwami ukomeye, uzaza gushinga ingoma ye mu Isirael maze akabohora amahanga.

Ibihe byari bisohoye. Ukononekara kw’isi kwiyongeraga uko umwaka utashye bitewe no kwica amategeko y’Imana, byatumaga ukuza k’Umucunguzi kuba ngombwa. Satani yari yarakoze uko ashoboye kose ngo acukure umworera munini utandukanya isi n’ijuru. Ibinyoma bye byari byarahejeje abantu mu byaha. Yigiraga inama yo kunaniza ukwihangana kw’Imana no kuzimya urukundo Imana ifitiye umuntu maze ikamurekera gucirwaho iteka ku iyi si.

Satani yashakaga kubuza abantu kumenya Imana no kubarangaza ngo batareba urusengero rw’Imana, kugira ngo ashinge ingoma ye bwite. Urugamba rwe arwanira isumbwe, yasaga naho yarutsinze. Ni iby’ukuri ko mu bisekuruza byose Imana yabaga ifitemo abayikorera. No mu bapagani na ho harimo abantu Kristo yakoresheje kugira ngo bazahure abantu mu byaha no mu kononekara. Ariko abo bantu barasuzuguwe ndetse barangwa. Benshi muri bo bapfuye rubi. Ibicucu byijimye byarundaniye ku isi na Satani, birushaho kubudika.

Mu binyejana byinshi satani yari yarakoresheje ubupagani kugira ngo akure abantu ku Mana; ariko ugutsinda kwe kunini kwabayeye ukonona ukwizera kw’Abisiraeli. Mu kwitegereza no kuramya ibitekerezo byabo bwite, abapagani bahombye kumenya Imana maze bariyonona. Niko byari byaragendekereye n’Abisiraeli. Igitekerezo cy’uko umuntu ashobora kwikiza kubw’imirimo ye, nicyo cyari urufatiro rw’amadini yose ya gipagani, icyo gitekerezo Satani abereye

nyirabayazana, noneho cyari cyarinjijwe mu idini y'Abayuda. Aho icyo gitekerezo gishinze imizi hose, gikuraho inkuta zabuzaga icyaha kwinjira.

Ubutumwa bw'agakiza bujyanwa ku bantu n'ibikoresho bantu. Nyamara abayuda bari baragerageje kwikubira ukuri kuzana ubugingo bw'iteka. Bari bararundaniye kandi babika Manu nzima igera aho ita agaciro. Idini bari barashatse kwikubira yari yarahindutse inyarugomo. Batwaye Imana icyubahiro cyayo maze bababaza abantu babaha ubutumwa butari bwo. Mu kwanga kwiye gurira Imana kugira ngo bakize isi, bahindutse ibikoresho bya Satani kugira ngo bayirimbure.

Ubwoko Imana yari yarashatse ko buba inkingi ishyigikira ukuri, bwahindutse ubuhagarariye Satani. Mu kwihuza n'imigambi ya Satani kubw'imyifatire yabwo, bwasebyaga imico y'Imana bukerekana ko Imana ari inyagitugu. N'abatambyi ubwabo bakoreraga mu rusengero, ntibari bakimenya ubusobanuro bw'umurimo bakoraga. Ntabwo bari bakireba hirya y'ibimenyetso ngo babone icyo byasuraga. Mu gutamba ibitambo basaga n'abikinira.

Amategeko n'amateka byashyizweho n'Imana byahindutse uburyo bwo gusinziriza ubwenge no kunangira imitima. Imana ntiyari igishoboye kugira icyo igirira abantu ikinyujije kuri bo. Ibyo byose byagombaga kuvaho.

Urugero rw'uburyarya bw'icyaha rwari rwuzuye. Uburyo bwose bushoboka bwo kugusha imitima y'abantu bwariho bukoreshwa. Umwana w'Imana mu kwitegereza isi, nta kindi yabonaga uretse imibabaro n'ubuhanya. Yuzura impuhwe kuko yabonaga ubugome bukabije Satani agirira abo yafashe mpiri. Arebana impuhwe, abo yononaga bicwa, kandi bagashimutwa. Umutware abantu bari bariyeguriye yabazirikaga kw'igare rye, akabakurubana nk'ingaruzwamuheto. Barayobejwe kandi barashukwa, bagendaga ku kirongo giteye ubwoba bagana ku kurimbuka kw'iteka ryose; bagana urupfu nta byiringiro byo kugaruka mu buzima, bagendaga mu ijoro ritazigera rikurikirwa n'igitondo na kimwe. Abakozi ba Satani bigaruriraga imibiri y'abantu. Iyo mibiri yari yaragenewe kuba ubuturo bw'Imana yari yarigaruriwe n'abadayimoni. Ibyumviro n'imitsi yumva n'ubwenge n'ingingo z'abantu, byose byakoreshwaga n'imbaraga ndengakamere kugira ngo bashimishe irari rirusha irindi kuba ribi. Mu maso h'abantu hagaragazaga ibimenyetso by'abadayimoni. Hagaragazaga ubushake bw'ingabo z'umubi zari zarabigaruriye.

Ibyo ni byo byagaragariraga amaso y'Umucunguzi w'ab'isi. Mbega ishyano kuri icyo kizima gitangaje rwose
!

Icyaha cyari cyarahindutse ubuhanga, ingeso mbi zari zaragizwe umugabane umwe w'idini. Kwivumbagatanya kwari kwarashinze imizi miremire mu mitima, urwango umuntu yari afitiye ijuru rwari rwarabaye nk'indwara idakira. Byagaragariye ijuru n'isi ko umuntu adashobora kuzanzamuka bidakomotse ku Mana. Indi mbaraga nshya y'ubuzima n'ubushobozi yari ikwiriye kongera gutangwa n'Uwari wararemeye isi.

Abaturage b'amasi ataracumuye bitegerezanyaga amatsiko menshi ngo barebe niba Imana Yehova itari igiye guhaguruka ngo itsembe abatuye isi. Iyo Imana iza kugenza ityo, Satani yari yiteguye gusohozza umugambi wo kugaragaza gushaka gushimwa n'ibiremwa byo mu ijuru abyumvisha ko avuga ukuri.

Satani yari yaragerageje kumvikanisha ko amahame y'Imana atuma imbabazi zayo zose zidashoboka. Iyo isi iza kurimburwa, yari kuhabona igihamba cy'ukuri cy'ibyo yavugaga. Yatinyukaga kurega Imana agashaka gukwirakwiza kwigomeka kwe mu masi ataracumuye. Ariko mu cyimbo cyo kurimbura isi, Imana yohereje Umwana wayo ngo ayikize. Nubwo kononekara ndetse no gusuzugura Imana byari byarakwiriye hose muri ako karere kigometse, inzira y'agakiza yarabonetse. Mu gihe giteye ubwoba, ubwo Satani yibwiraga ko ari hafi gutsinda, Umwana w'Imana aza afite ubutumwa bw'ubuntu bw'Imana. Muri buri kinyejana cyose na buri saha, urukundo rw'Imana rwahoraga rwigaragariza ubwoko bwaguye. Nubwo abantu bari barononekaye, ibimenyetso by'imbabazi z'Imana ntabwo byari byararetse kugaragara. Maze ibihe bisohoye Imana yihesha icyubahiro yuzuzza isi ubuntu bwayo bukiza butashoboraga guhagarara cyangwa ngo bwikure mu gihe cyose inama ikomeye y'agakiza yari itarasohozwa.


Satani yari yishimye, yibwira ko yashoboye konona ishusho y'Imana yari mu muntu. Nuko rero Yesu aza kugarura mu muntu ishusho y'Umuremyi we. Ni we wenyine ushobora kugarura mu muntu kamere nzima yari yaramunzwe n'icyaha. Azanwa no kwirukana abadayimoni bari barihayeho gutwara ubushake bw'abantu. Azanwa no kutuvana mu mukungugu no guhindura bundi bushya imico yari

yarangiritse kugira ngo yongere kugira ishusho y’Imana no kuyishyiramo ubwiza bw’icyubahiro cyayo bwite.

1. Abagalatiya 4:4,5.
2. Ezekeli 12:22.
3. Itangiriro 15 :14.
4. Kuva 12 :14.
5. Matayo 2 :18.
6. Ibyakozwe n’intumwa 3 :22.
7. Yesaya 61 :1,2.
8. Yasaya 42 :4; 60 :3.
9. Itangiriro 49:10.
10. Daniel 2:44.

***** ****

4 . MWAHAWE UMUKIZA



Umwami w'icyubahiro yicishije bugufi cyane kugira ngo yambare ubumuntu kandi ature hagati y'ibiremwa bidashobotse kandi by'ibinyamwaga. Byabaye ngombwa ko atwikira icyubahiro cye kugira ngo igitinyiro cye cy'uko yari ari, kidakurura amaso y'abamurebaga. Yirinda ikintu cyose cyagaragaza icyubahiro

cy'inyuma. Naho byaba ubutunzi cyangwa ibyubahiro by'isi cyangwa se ubushobozi bw'umuntu, ntibyashobora gukiza umuntu urupfu; Yesu yashakaga ko nta kintu na kimwe cyo muri kamere ye yo ku isi gikwiriye kumukururiraho abantu ngo bamusange. Ubwiza bw'ukuri ko mu ijuru bwonyine nibwo bugomba kureshya abashaka kumukurikira. Kera cyane mbere hose kamere ya Mesiya yari yaravuzwe mu buhanuzi maze agashaka kwemerwa n'abantu bemejwe n'ubuhamya bworoheje bwo mu Ijambo ry'Imana.

Abamalayika barumiwe babonye umugambi utangaje w'agakiza, bumvaga batindijwe no kureba uko ubwoko bw'Imana buzakira Umwana wayo wari uhishwe mu mwambaro wa kimuntu. Abamalayika baza gusura igihugu cy'ubwoko bwatoranijwe. Ayandi mahanga yari yararembejwe n'imigani ya basekuruza no gusenga ibigirwamana. Abamalayika baza mu gihugu aho ubwiza bw'Imana bwari bwigaragaje, aho umucyo w'ubuhanuzi wari waramuritse. Baza i Yerusalemu batagaragara mu bakozi bo mu nzu y'Imana bari bashinzwe gusobanura amagambo yera. Ndetse umutambyi Zakariya, ubwo yakoraga umurimo we wo gutamba, yari amaze kubwirwa ko kuza kwa Kristo kwegereje.

Ndetse n'integuza yari yamaze kuvuka, umurimo wayo wari wahamijwe n'ibitangaza ndetse n'ubuhanuzi. Inkuru yo kuvuka kwe n'ubusobanuro butangaje bw'umurimo w'umubatiza byari byaramaze gukwirakwizwa ahabakikije. Ariko Yerusalemu yo ntiyari yiteguye kwakira Umucunguzi wayo.

Intumwa zo mu ijuru zitangazwa no kubona ko ubwoko Imana yahamagariye gutangaza umucyo w'ukuri kwera ntacyo bwitayeho. Ishyanga ry'Abayuda ryari

ryararindiwe kuba igihamya cy'uko Kristo agomba kuzavuka mu rubyaro rw'Aburahamu no mu muryango wa Dawidi, none dore ntabwo ryari ryakiyumvisha ko kuza k'Umukiza kwegereje. Igitambo cya buri munsu cyatambirwaga mu rusengero buri gitondo na buri mugoroba, cyasuraga Umwana w'Intama w'Imana; none n'aho byakorerwaga, nta mwiteguro na muto wari wakozwe kugira ngo bamwakire. Abatambyi n'abigishamategeko bari batarasobanukirwa ko ikintu gikomeye cyari gitegerejwe imyaka myinshi cyari kigiye kuba. Bahoraga basubira mu masengesho yabo y'urudaca atagira umumaro, kandi bakarangiza imihango yo gusenga ari ukugira ngo abantu bababone; ariko kubera inyota ya bo y'ubutunzi n'ibyubahiro by'isi ntibari biteguye kwakira ihishurwa rya Mesiya. Mu gihugu cya Isiraeli ni ko byari bimeze, imitima y'inarinjye kandi yononekaye nta munezero yari ifite mu gihe ijuru ryose ryari ryasabwe n'ibyishimo. Bake gusa ni bo bari bafitiye inyota ibitaboneshwa amaso. Ni kuri abo intumwa zo mu ijuru zoherejweho¹.

Abamalayika baherekeje Yosefu na Mariya igihe bavaga i Nazareti, aho bari basanzwe baba mu murwa wa Dawidi. Iteka ryari ryashyizweho n'ingoma ya Roma ritegeka abantu bo mu moko yose kujya kwiandikisha ryari ryageze no ku mirenge y'i Galilaya no ku baturage baho. Nk'uko Kuro yari yarahamagariwe kera gutwara ingoma ngari y'isi kugira ngo abohore imfungwa z'Uwiteka, ni ko na Kayisari Augusto yari kuzasohozwa umugambi w'Imana wo kujyana i Betelehemu uwari ugiye kubyara Yesu. Uwo yakomokaga mu muryango wa Dawidi, kandi mu murwa wa Dawidi ni ho mwene Dawidi yagombaga kuvukira.

Umuhanuzi yaravuze ati : “ Muri wowe ni ho hazava Umwami w'Isirayeli, imirambagirire ye ni iy'iteka ryose².” Ariko Yosefu na Maria ntabwo bari bazwi, nta nubwo bari bubashywe muri uwo murwa w'i bwami. Bananiwe kandi nta bwugamo bafite, bagendaga inzira ndende kandi ifunganye uhereye ku marembo y'umurwa ukageza ku iherezo ryawo iburasirazuba, bashakashaka ahantu baruhukira kuko ijoro ryari rije. Nta mwanya wabo wari uri aho bacumbikiraga abagenzi kuko hari huzuye. Ku iherezo babona aho bikinga ahantu hasuzuguritse h'ikiraro hagenewe gukingira amatungo, aho ni ho umukiza w'abari mu isi yari agiye kuvukira.

Abantu ntacyo bari babiziho, ariko ijuru ryuzuye umunezero. Amatsiko menshi kandi atangaje azana ku isi ibiremwa byera bituye mu isi y'umucyo. Ijuru n'isi byose bimurikirwa no kuboneka kwe. Abamalayika benshi bateranira ku misozi y'i Betelehemu. Bari bategereje ikimenyetso kugira ngo bamenyeshe isi inkuru nziza. Iyo abayobozi b'Isiraeli baza kuba indahemuka ku nshingano yabo, bari kugira amahirwe yo gufatanya n'abamamaza ivuka rya Yesu. Ariko none dore bashyizwe ku ruhande.

Imana yaravuze iti : “Uwishwe n'inyota nzamusukaho amazi, nzatembesha imigezi ku butaka bwumye.” “Abatunganye umucyo ubavira mu mwijima³.” Imirasire yo kurabagirana iva ku ntebe y'Imana, izarabagirana ku bantu bashaka umucyo kandi biteguye kuwagirana ibyishimo.

Mu gasozi aho umwana muto Dawidi yajyaga ayobora amatungo ye, ni ho abungeri bari barindiye imikumbi yabo nijoro. Banyuzagamo bakaganira ku by'Umukiza wazezeranywe, maze bagasaba kugira ngo Umwami yime ingoma ya Dawidi “Nuko Malayika w'Umwami Imana abahagarara iruhande ubwiza bw'Umwami Imana bubagota impande zose. Bagira ubwoba bwinshi.” Malaika arababwira ati : “Mwitinya, dore, ndababwira ubutumwa bwiza bw'umunezero mwinshi buzaba ku bantu bose. Kuko uyu muni Umukiza yatuvukiye mu murwa wa Dawidi, azaba Kristo Umwami.”

Ayo magambo yuzuza mu bitekerezo by'abashumba inzozo z'umunezero. Umucunguzi yaje mu Isirayeli ! Bari bafite umuco wo kwibwira ko azaza mu mbaraga zo gukomera no kunesha. Ariko Malayika yagombaga kubategurira kumenyera Umukiza wabo mu bukene no kwicisha bugufi. «Kandi ibi bizababera ikimenyetso: muzasanga uruhinja ruryamishijwe mu muvure w'inka.»

Intumwa y'ijuru yari yamaze kwirukana ubwoba bwabo. Yari yamaze kubabwira uko bari bubone Yesu. Kubera intege nke za kimuntu, yari yabahaye igihe cyo kwimenyereza kurabagirana kw'Imana. Ubu noneho, umunezero n'ubwiza ntibyashoboraga guhishwa igihe kirekire. Ikibaya cyose kimurikirwa no kurabagirana kw'ingabo zo mu ijuru. Isi iratuzza, ijuru ryunamira kumva iyi ndirimbo ngo:

«Icyubahiro kibe icy'Imana mu ijuru,
n'amahoro mu isi aho mu bo yishimira ! »

Mbega ! Iyaba umuryango wa bene muntu washoboraga kwibuka iyi ndirimbo uyu muni ! Itangazwa ryabaye icyo gihe, indirimbo nziza yaririmbwe izakomeza kumvikana kugeza ku mperuka y'ibihe no kugera ku mpera y'isi. Kandi igihe Zuba ryo gukiranuka azahaguruka afite gukiza mu mababa ye, iyo ndirimbo izongera kuririmbwa bushya, n'inteko nini izaba ifite ijwi rimeze nk'amazi menshi asuma ngo : “ Halleluya ! Kuko Umwami Imana yacu iri ku ngoma⁴.”

Abamalaika bamaze kwikubura, umucyo urayoyoka maze umwijima wa nijoro wongera kubudika ku misozi y'i Betelehemu. Ariko mu bwenge bw'abashumba hagumamo ipica imurika cyane ijisho ry'Umwana w'umuntu ritigeze kwitegereza na rimwe. “Abamalayika bamaze gusubira mu ijuru, abungeri baravugana bati: «Nimuze tujye i Betelehemu turebe ibyabayeyo, turebe iby'Umwami Imana yatumenyesheje.» Bagenda bihuta basanga Yosefu na Mariya n'Umwana uryamishijwe mu mvure w'inka N'umunezero mwinshi bajya kuvuga ibyo babonye n'ibyo bumvise. Ababumvise bose batangazwa n'ibyo abungeri bababwiye. Ariko Mariya abika ayo magambo yose mu mutima we akajya ayatekereza. Maze abungeri basubiraye bahimbaza Imana.

Intera itandukanya ijuru n'isi, ntiruta iy'igihe abungeri bumvaga indirimbo z'abamalayika. Nk'uko byari biri kera igihe abantu bo miryango iciye bugufi kandi yoroheje baturaga n'abamalayika ku manywa y'ihangu, bakaganirira n'intumwa zivuye mu ijuru mu mirima, umuntu akomeza gukenere ubufasha bw'ijuru. Ijuru rishobora kutwegera twebwe abanyura mu nzira ziruhije z'ubuzima ! Abamalayika bavuye mu bikari byo mu ijuru bazayobora intambwe z'abubaha amategeko y'Imana.

Amateka ya Betelehemu ni icyigisho kitarangira. Tuhabona «ubutunzi bukomeye, ubwenge n'ubuhanga bw'Imana⁵». Dutangirira imbere y'igitambo cy'Umukiza waguranye intebe yo mu ijuru umuvure w'inka; umuryango w'abamalayika wamuramyaga akawugurana amatungo yo mu kiraro. Kuboneka kwe ntikwahishukiye ubwibone bw'umuntu no kumva ko yihagije. Kandi ibi byari intangiriro y'ubugiraneza bwe butangaje. Byabereye Umwana w'Imana kwicisha bugufi byimazeyo, kwambara akamero k'umuntu mu gihe Adamu we muri Edeni

yari mu butungane bwe. Yesu yemera ubumuntu bwari bwarazahajwe n'icyaha mu myaka ibihumbi bine by'icyaha. Nk'umwana wese w'Adamu, yemeye ingaruka zose z'itegeko rikomeye ry'umurage w'abantu. Izo ngaruka dushobora kuzimenya turebeye mu mateka y'abakurambere. Kubw'uwo murage, yaje gusangira natwe imibabaro n'ibigeragezo byacu, maze aduha urugero rw'ubuzima butarangwamo icyaha.

Satani yagaragarije Kristo urwango kubera umwanya yari afite mu bikari byo mu ijuru. Igihe yakurwaga ku ntebe ye, urwango yangaga uwari wiyemeje gucungura abanyabyaha rwariyongereye. Nubwo byari bimeze bityo, Imana yemereye Umwana wayo kuza mu isi satani yibwiraga ko ayobora, ahaza mu ishusho y'umwana muto w'umunyanteye nke, wari witeguye guhangana n'ubumuga bwa kimuntu. Amwemerera guhura n'ingorane z'ubuzima hamwe n'abandi bantu, ngo ashoze urugamba nk'umwana w'umuntu wese, ashobora gutsindwa no kuzimira by'iteka ryose. Umutima wa kibyeyi wita cyane ku mwana we. Yitegereza mu maso h'urwo ruhinja, maze ahindishwa umushyitsi no gutekereza ku kaga ubuzima bumuteganiirije. Yifuje kurinda icyo kibondo imbaraga y'umwanzi, ngo agikingire ibigeragezo n'amagorwa. Imana yemeye gutanga Umwana wayo w'ikinege ku bw'urugamba rushishana rwuzuyemo ingorane ziteye ubwoba, ibyo byose ari ukugira ngo inzira y'ubuzima ibashe kugaragarira abana bacu. « Aho ni ho urukundo rushingiye! » Ishime wa juru we ! Na we wa si we uturagare !

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 2:1-20.

2. Mika 5:2.

3. Yesaya 44:3; Zaburi 112:4.

4. Ibyahishuwe 19:6.

5. Abaroma 11:33.

5 . GUTURWA UWITEKA



Hashize nk'iminsi mirongo ine Kristo amaze kuvuka, ajyanwa na Mariya na Yosefu i Yerusalemu; bagombaga mu gihe cyo gutamba igitambo, kumumurikira Umwami Imana¹. Amategeko y'Abayuda ni ko yabisabaga, kandi na Kristo wari mu cyimbo cy'umuntu yagombaga kumvira amategeko mu ngingo zayo zose nta na gato kirengagijwe. Dore yari yaramaze gukorerwa umuhango wo gukebwa nk'ikimenyetso cye cyo kumvira amategeko. Amategeko yashakaga ko umubyeyi atamba umwana w'intama umaze umwaka ho igitambo n'icyana cy'inuma cyangwa intungura ho igitambo gikuraho ibyaha kandi akemerera ababyeyi b'abakene

cyane badashobora kubona umwana w'intama gutamba ibyana by'inuma bibiri: imwe ho igitambo gikongorwa n'umuriro, indi ho igitambo gikongorerwa ibyaha.

Amatungo atambirwa Uwiteka ho ibitambo yagombaga kuba adafite inenge. Yashushanyaga Kristo, aha rero bigaragaza ko Yesu ubwe nta nenge yari afite. Yemwe ndetse nta n'ubusembwa ku mubiri we. Yari “umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara².” Mu gihagararo nta nenge namba; yari afite umubiri ufite imbaraga kandi ari inziramuze. Mu buzima bwe bwose yumviraga amategeko agenga ibyaremwe. Haba ku mubiri, haba mu by'umwuka yabaye icyitegererezo cy'aho Imana yashakaga ko ab'isi bose bagera mu kumvira amategeko yayo.

Umuhango wo kwereza Uwiteka uburiza bwose, ni uwa kera cyane. Imana yari yarasezeranye ko izatanga uburiza bw'ijuru kugira ngo ikize umunyabyaha. Buri muryango wose wagombaga kumenya iyo mpano yo kweza umwana wese w'imfura wagenewe ubutambyi kuko yashushanyaga Kristo mu bantu.

Itegeko ryo kweza abana bose b'imfura ryongeye kwibutsa igihe Abisirayeli bacungurwaga bakavanwa mu Egiputa. Igihe abana b'Isirayeli bari bagikora uburetwa bw'Abanyegiputa, Uwiteka yohereje Mose kuri Farawo umwami w'Egiputa ngo amubwire ngo : “ Uwiteka aravuze ati : ubwoko bwa Isirayeli ni umwana wanjye w'imfura : kandi narakubwiye nti rekura umwana wanjye agende ankorere; ariko wanze kumurekura; nuko rero nzica umwana wawe w'imfura³!”

Mose atanga ubutumwa bw'Uwiteka, ariko uwo mwami w'umwirasi aravuga ati: «Uwiteka ni nde ngo mwumvire, ndeke Abisirayeli? Sinzi Uwiteka, kandi ntabwo narekura Abisirayeli⁴.» Uwiteka Imana akora ibitangaza n'ibimenyetso bikomeye agirira ubwoko bwe, ateza Farawo ibyago byinshi. Ku iherezo Maraika murimbuzi ategukwa kurimbura abana b'imfura mu bantu, n'uburiza bw'amatungo by'abanyegiputa. Abisirayeli kugira ngo barindwe inkota y'umurimbuzi bagombaga gusiga amaraso y'umwana w'intama ku nkomanizo z'imiryango. Bityo buri nzu yose igira ikimenyetso kugira ngo maraika mu gusohozwa umurimo we wo kurimbura aze kunyura ku nzu z'Abisirayeli nta cyo abatwaye.

Uwiteka amaze guhana Abanyegiputa abwira Mose ati : “Mweze uburiza bwose bw'Abisirayeli bube ubwanjye”. «Ku muni nicaga abana b'imfura bo mu gihugu cya Egiputa bose, ni ho niyereje abana bose b'imfura bo mu Bisiraeli n'uburiza bw'amatungo : bazaba abanjye, ndi Uwiteka⁵.» Igihe umurimo w'ihema ry'ibonaniro wari umaze gushyirwaho, Uwiteka atoranya umuryango wa Lewi kujya ukorera mu buturo bwera, mu cyimbo cy'imfura zose zerejwe Uwiteka. Ariko bakomeza gufata uburiza nk'abana b'Uwiteka, kandi byari bikwiriye ko bazajya batangirwa ikiguzi cy'ifeza.

Guturwa Uwiteka kw'abana b'imfura bihabwa ubusobanuro bwihariye bityo. Mu kuba ikimenyetso kizajya cyibutsa uko Imana yacunguje ukuboko gukomeye abana b'Isirayeli; byagaragazaga gucungurwa kwajyaga gusohozwa n'umwana w'ikinege w'Imana. Kandi nk'uko amaraso yasizwe ku nkomanizo z'imiryango yakijije imfura z'Abisiraeli, amaraso ya Kristo ashobora gukiza abatuye isi.

Iturwa rya Kristo rifite ubusobanuro bwimbitse cyane. Nyamara umutambyi ntiyashoboye kubona icyari inyuma y'inyegamo. Ntiyamenye guhishura ubwo bwiru. Gutura abana b'imfura cyari ikintu gisanzwe. Uko bukeye n'uko bwije, igihe cyose uko umwana yazaga guturwa Uwiteka, umutambyi yamwakagaho ifeza zo kumucungura. Uko bukeye nuko bwije umutambyi yakoraga imihango yategetswe atitaye ku babyeyi cyangwa se umwana, keretse mu gihe ababyeyi babaga bakize cyangwa ari abo mu rwego rwo hejuru. Yosefu na Mariya bari abakene; kandi ubwo bajyanaga umwana, abatambyi nta kindi babonye uretse umugabo n'umugore bambaye imyambaro ya gikene b'Abanyagalilaya. Uko basaga ntibyari ngombwa ko bitabwaho, kandi nta kindi bari bazanye uretse ituro rya gikene.

Umutambyi arangiza umuhango wategetswe. Aterura umwana amuhagarika imbere y'igicaniro. Amaze kumusubiza nyina yandika izina rye ngo *Yesu* mu bitabo byandikwamo abana b'imfura. Byari bimuri kure gutekereza ko mu maboko ye nubwo yari akana gatoya cyane yari afashe igikomangoma cy'ijuru n'Umwami w'icyubahiro. Ntabwo yatekerezaga ko uwo Mwana ari we Mose yahanuye ubwo yagiraga ati : «Umwami Imana azabahagurukiza umuhanuzi muri bene wanyu, umeze nkanjye, nuko muzamwumvire mu byo azababwira byose⁶.» Ntabwo yigeze atekereza ko uwo mwana ari wa wundi Mose yifuje kureba ubwiza bwe. Umutambyi yari yafashe mu biganza bye uruta Mose; kandi ubwo yandikaga izina ry'umwana; yari yanditse izina shingiro ry'umutungo wose w'Abayuda. Iryo zina ryari rigiye kuzaba ikintu cyo guciraho iteka ubwo butunzi; kuko umurimo w'ibitambo no gutamba byari bimaze gusaza kandi ibimenyetso n'ibishushanyo byari guhura n'uwo byashushanyaga.

Ubwiza bw'Imana bwari bwavuye mu buturo bwera, ariko mu ruhinja rw'i Betelehemu hari hahishwemo icyubahiro cy'uwo abamalaika bikubita imbere bakamuramya. Icyo kizima gitoya gituje cyari urubyaro rwasezeranywe rwashushanywaga n'igicaniro cya mbere cyubatswe ku muryango wa Edeni, ariwe Shilo utanga amahoro. Ni we wabwiye Mose ati: «Ndiho». Ni we wayoboye abisiraeli ari mu nkingi y'igicu n'umuriro. Ni we wavuzwe n'abahanuzi uhereye kera cyane: Uwifuzwa n'amahanga yose, igishyitsi n'ishami rya Dawidi, niwe nyenyeri yaka yo mu ruturuturu. Iryo zina ry'uwo mwana woroheje ryanditswe mu bitabo by'abatambyi b'Abisiraeli nk'umwe mu bavandimwe bacu. Ni we wari

ibyiringiro bya bene muntu baguye. Uwo mwana batangiye ifeza zo kumucungura niwe wari ugiye gutanga impongano y'ibyaha by'abari mu isi bose. Ni we wari “Umutambyi mukuru ukomeye utwara inzu y’Imana,” Umutware ufite “ubutambyi budakuka,” Umuvugizi “wicaye iburyo bw’Ikomeye cyane iri mu ijuru⁷.”

Iby’umwuka bisobanuzwa iby’umwuka bindi. Mu rusengero Umwana w’Imana yari amaze kwerezwa umurimo yagombaga gusohoza . Umutambyi yabonye ari Umwana umeze nk’abandi bana bose. Ariko nubwo atabibonyemo ikintu kidasanzwe, igikorwa Imana yari yatanzemo Umwana wayo ku b’isi cyaramenyekanye. Muri uwo muhango ntabwo Yesu yatambutse atamenyekanye na gato. « I Yerusalemu hariho umuntu witwaga Simiyoni. Uwo yari umukiranutsi witonda; kandi yategerezaga ihumure ry’Abisirayeli, Umwuka wera yari muri we. Yarahanuriwe n’Umwuka wera ko atazapfa atarabona Kristo w’Umwami Imana.»

Ngo yinjire mu rusengero, simiyoni arabukwa umuryango wamurikiraga umutambyi imfura yawo. Wagaragaraga ko ari umuryango w’abakene; nyamara Simoni atega amatwi yumva umuburo w’Umwuka wera, nuko yiyumvamo ko uwo mwana umurikwa imbere y’Umwami Imana, ari we ihumure ry’Abisiraeli, uwo yari yarifuje kureba. Imbere y’umutambyi wari wumiwe, Simoni amera nk’uri mu iyerekwa. Afata umwana wari umaze gushyirwa mu maboko ya Mariya maze amutura Imana, nuko umutima we wuzurwamo n’umunezero atigeze agira mbere hose. Mu gusimbiza Umukiza, atera hejuru ati:

«Mwami noneho urasezerere umugaragu wawe amahoro,
nkuko wabivuze : kuko amaso yanjye abonye agakiza
kawe, ako witeguriye mu maso y’abantu bose, kuba
umucyo uvira amahanga no kuba ubwiza bw’ubwoko
bwawe bw’Abisirayeli.»

Uwo mugabo yari yuzuwemo n’umwuka w’ubuhanuzi; maze mu gihe Yosefu na Mariya bari bagitekereza ku magambo ye bari iruhande rwe, abaha umugisha, maze abwira Maria ati : «Dore, uyu ashhyiriweho kugira ngo abenshi mu Bisirayeli bagwe, benshi babyuke, abe n’ikimenyetso kigirwaho impaka kandi ngo nawe inkota izagucumita mu mutima: ibyo abantu benshi batekereza mu mutima bizahishurwe.»

Umuhanuzikazi Ana, na we ubwe, aza gushimangira ubuhamya Simiyoni yatanze kuri Kristo. Mu gihe Simiyoni yavugaga mu maso ha harabagiranishwaga

n'ubwiza bw'Imana, maze avuga ishimwe ryari mu mutima we kubera ko yari ashoboye kubona Kristo Umwami.

Abo bakiranutsi baciye bugufi ntabwo bari barigiye ubusa ubuhanuzi. Nyamara abari mu myanya yo hejuru mu Bisiraeli ari bo batambyi bakuru, nubwo na bo bari bafite imbere yabo ayo magambo y'igiciro cyinshi, ntabwo bagendaga mu nzira z'Umwami Imana, ni yo mpamvu amaso ya bo atashoboraga kwitegereza umucyo utanga ubugingo.

N'ubu ni ko bimeze. Ibyo ijuru ryose rihanze amaso, ntibytaweho, bitambuka rwose abayobozi b'iby'idini batabirabutswe ndetse n'abasengera mu nzu y'Imana na bo ni uko. Bahimbaza Kristo wo mu mateka bakirengagiza Kristo muzima. Nk'uko byari bimeze mu binyejana cumi n'umunani bishize, ubu nabwo ntibabonera Kristo mu irarika rye ngo bitange, ntibamubonera mu bakene n'abatindi bakeneye ubufasha cyangwa ngo bamubonere mu gikorwa cyiza naho cyatera umuntu gukena, imiruhu ndetse no kuba urukoza soni.

Mariya atekereza cyane ku magambo y'ubuhanuzi bwa Simiyoni, yumvikanaga cyane afite ubusobanuro burambuye, yitegerezaga Umwana wari uryamye mu gituza cye, akibuka n'amagambo yavuzwe n'abungeri b'i Betelehemu, maze umutima we ukuzurwamo n'umunezero w'ishimwe n'ibyiringiro bihebuje. Amagambo ya Simiyoni yongera kugarura mu mutima we ubuhanuzi bwa Yesaya ngo « Mu gishyitsi cya Yesayi hazakomokamo agashami, mu mizi ye hazumbura ishami ryera imbuto. Umwuka w'Uwiteka azaba kuri we, umwuka w'ubwenge n'uw'ubuhanga, umwuka w'Uwiteka n'uw'imbaraga, umwuka wo kumenya Uwiteka n'uwo kumwubaha... gukiranuka kuzaba umushumi w'urukenyero rwe. » « Abantu bagenderaga mu mwijima babonye umucyo mwinshi, abari batuye mu gihugu cy'igicucu cy'urupfu baviriwe n'umucyo. Nuko umwana yatuvukiye, duhawe umwana w'umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye. Azitwa Igitangaza umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho, Umwami w'amahoro⁸.»

Ariko Mariya ntiyasobanukiwe n'umugambi wa Kristo uwo ari wo. Simiyoni yari yaravuze ko azaba umucyo w'abayamahanga akaba n'icyubahiro cy'Abasirayeli. Abamaraika na bo bari bavuze iby'ivuka ry'Umukiza ko ari we

Munezero w'amahanga yose. Imana yihatiye gukosora igitekerezo kitagutse cy'Abayuda cyerekeranye na Mesiya. Imana yashakaga ko batamubonamo Umutabazi w'Abisirayeli gusa, ahubwo ko ari umucunguzi w'isi yose. Ariko imyaka myinshi yagombaga guhita mbere yuko na nyina wa Yesu ashobora gusobanukirwa n'icyazanye umuhungu we.

Mariya yatekerezaga ingoma y'ahazaza ya Mesiya ubwo azima ingoma ya sekuruza Dawidi, ariko ntabwo yarabukwaga umubatizo usharira wagombaga kuba ikiguzi cyayo. Simiyoni yerekanisha amagambo yabwiye Mariya, ko Mesiya atazanyura mu isi bimworohereye; agira ati : “Kandi nawe inkota izakwahuranya umutima.” Urukundo rutangaje rw'Imana rwateye nyina wa Yesu kwiyumvisha imibabaro yari atangiye kugira kubera urukundo yari amufitiye.

Simiyoni yari yaravuze ati : “Uyu mwana ashyiriweho kugira ngo benshi mu Bisirayeli bagwe, benshi babyuke, abe n'ikimenyetso kigirwaho impaka.” Umuntu akwiriye kugwa kugira ngo abone uko abyuka. Dukwiriye kugwa ku rutare maze tukamenagurika, niba dushaka kubyuka muri Kristo. Inarinjye igomba kwimurwa, ukwishyira hejuru gukwiriye gucishwa bugufi niba dushaka kuzafatanya mu cyubahiro cy'ubwami bw'Imana. Abayuda bangaga ibyubahiro bizanywe no kwicisha bugufi. Ntibifuje kwakira umucunguzi wabo. Kuri bo Yesu yababereye ikimenyetso kigirwaho impaka.

Uko niko : “Ibyo abantu benshi batekereza mu mitima bizahishurwa.” Mu mucyo w'imibereho y'Umukiza, ibiri mu mitima ya benshi bizatwikururwa, uhereye ku w'uwo Muremyi ukageza ku w'umutware w'umwijima. Satani yerekanye Imana nk'ikizima cy'ikinyabugugu cyikubira kandi gitwaza igitugu, cyikubira byose ntikigire icyo gitanga, gikoresha ibiremwa byacyo kubw'icyubahiro cyayo gusa, nta cyiza kigendereye kubikorera. Ariko impano ya Kristo imenyekanisha umutima wa Data wa twese. Ahamya ko imigambi Imana idufitiye “Ni amahoro si ibibi⁹.” Agaragaza ko niba urwango Imana ifitiye icyaha rungana n'urupfu, urukundo ifitiye umunyabyaha ruruta urupfu. Amaze gutangira umurimo wo kuducungura, nta cyiza na kimwe azasiga adakoze, kugira ngo asoze uwo murimo. Nta kuri na guke gukenewe kubw'agakiza kacu kwirengagijwe, nta gitangaza na kimwe cy'ubuntu kititaweho, nta buryo na bumwe Imana idakoresha. Ubuntu bwongerwa ku bundi, impano ikongerwa ku yindi. Ubutunzi bwose bwo mu ijuru bwakinguriwe abo ishaka gukiza. Imaze kurundanya ubutunzi bwose bwo

mu ijuru no mu isi, no kwegeranya imbaraga zayo zose zitagira akagero, ibyo byose ibyegurira Yesu maze iramubwira iti : Ibi byose bigenewe umuntu. Ukoreshe izi mpano kugira ngo ubigishe ko mu ijuru no mu isi nta rukundo rukomeye ruhari kuruta urwanjye. Umunezero wabo nyakuri bazawubonera mu kunkunda.

Ku musaraba w'i Kaluvari urukundo n'inarijye ni ho bihanganyira. Aho i Kaluvari byombi ni ho bibonera iherezo ryabyo. Kristo yabereyeho guhumuriza no gutanga imigisha: mu kumwicisha, satani yahishuye ububi bukabije bw'urwango afitiye Imana anagaragaza umugambi we nyakuri: ari wo wo gukura Imana ku ngoma no gutsemba uwo urukundo rw'Imana rugagariramo.

Na none kandi mu mibereho ya Kristo no mu rupfu rwe, ni ho ibyo abantu batekereza bishyirwa ahagaragara. Imibereho ya Yesu, uhereye mu muvure w'inka ukagera ku musaraba w'i Kaluvari, aho hose haturarikira kwitanga no gufatanya na we imibabaro ye. Ubugingo bwe ni bwo buhishura ibyo abantu bibwira bagatekereza. Yesu yazanye ukuri kw'ijuru, kandi abumviraga ijwi ry'Umwuka wera bose baramusanze. Abimika inarinjye bakomoka mu bwami bwa satani. Kubw'icyemezo gifatwa mu byerekeranye no gusanga Kristo, buri wese agaragaza aho abogamiye bityo akaba yiciriye urubanza we ubwe.

Ku muni w'urubanza ruheruka, buri muntu wese wayobye azasobanukirwa neza impamvu yanze ukuri n'agaciro k'umusaraba. Ndetse n'imitima yijimishijwe n'ubugome, izasobanukirwa. Abanyabyaha bazacirwaho iteka no kureba umusaraba w'i Kaluvari n'ubwiru bw'uwawubambweho. Inzitwazo zose z'ibinyoma zizaba zavanyweho. Kamere mbi ya kimuntu yo kwimura Imana izigaragaza. Abantu bazabona amahitamo bagize. Ibibazo byose biri hagati y'ukuri n'ibinyoma byamaze igihe kirekire, bizagaragazwa. Mu rubanza ruheruka, Imana izatsindishirizwa rwose ku birebana no kubaho kw'ikibi. Bizasobanuka rwose ko amateka y'Imana nta hantu na hato yigeze ashyigikira icyaha. Nta kibi cyagaragaraga mu ngoma y'Imana, nta n'icyashoboraga gutera kwivumbura cyari gihari. Igihe ibyo imitima yose itekereza bizahishurwa, abakiranutsi n'abakiranirwa bazafatanyiriza hamwe kuvuga bati : «Mwami Mana Ishobora byose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugaba w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka

n'ukuri. Mwami, ni nde utazakubaha, cyangwa ngo ye guhimbaza izina ryawe, ko ari wowe wenyine wera ?... Kuko imirimo yawe yo gukiranuka igaragajwe¹⁰.»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 2:21-38.

2. 1 Petero 1:19.
3. Kuva 4:22,23.
4. Kuva 5:2.
5. Kuva 13:2; Kubara 3:13.
6. Ibyakozwe 3:22.
7. Abaheburayo 10:21; 7:24; 1:3.
8. Yasaya 11:1-5; 9:1-6.
9. Yereziya 29:11. 10. Ibyahishuwe 15:3,4.

*** *** ***

6. TWABONYE INYENYERI YE



“Yesu yari yaravukiye i Betelehemu ku ngoma y’umwami Herode. Abanyabwenge b’i burasirazuba bagera i Yerusalemu babaza bati: “Umwami w’Abayuda wamazze kuvuka ari he? Kuko twabonye inyenyeri ye turi iburasirazuba none tukaba tuje kumuramy¹.”

Abo banyabwenge b’iburasirazuba bari abacurabwenge bakomokaga mu muryango mugari kandi ukomeye, ugizwe n’abantu bo mu rwego rwo hejuru, kimwe n’abakungu benshi n’abanyabwenge bo mu gihugu. Bamwe muri bo bakungahajwe n’ubujiji bwa rubanda, abandi bari batunganye bigaga ukuri kwanditswe n’ubushake bw’Imana mu byaremwe, bubahirwaga ubutungane bwabo n’ubwenge bwabo. Bamwe muri abo ni bo barimo abanyabwenge baje kureba Yesu.

Umucyo uva mu ijuru wahoraga uvira mu mwijima w’ubupagani. Mu kwitegereza ijuru rihunze inyenyeri kugira ngo bavumbure ubwiru buhishwe mu nzira za ryo zimurika, abo banyabwenge babonagamo icyubahiro cy’Umuremyi. Bagize ishyushyu ryo kugira ubumenyi bwuzuye, bahindukirira inyandiko z’Abaheburayo. Mu gihugu cya bo babikanaga ubwitonzi inyandiko z’ubuhanuzi buvuga kuza k’Umwigisha wo mu ijuru. Balamu yakomokaga mu muryango w’abamago, nubwo yigeze kuba mu gihe runaka, umuhanuzi w’Imana. Ayobowe n’imbaraga y’Umwuka wera yahanuye ubukungahare bw’ubwoko bwa Isirayeli no kuboneka kwa Mesiya. Uko ibihe byasimburanaga mu muco bakomezaga kwibuka ubuhanuzi bwe. Ariko kuza kwa Mesiya Umucunguzi kwagaragaraga cyane mu Isezerano rya kera. Abamago bakirana umunezero kumenya ko kuza kwa Mesiya kwegereje, kandi ko isi yose yari igiye kuzuramo kumenya icyubahiro cy’Uwiteka.

Mu ijoro, ubwo ubwiza bw’Imana bwuzuraga imisozi y’i Betelehemu, abanyabwenge bari barabutswe mu ijuru urumuri rw’agatangaza. Igihe urwo rumuri rwari rumaze kweyuka, inyenyeri imurika cyane iraboneka itinda mu kirere. Ntabwo yari inyenyeri itanyeganyega, nta nubwo cyari n’umubumbe wo mu kirere. Nuko icyo kimenyetso gitera abantu amatsiko menshi. Iyo nyenyeri yari igizwe n’itsinda ry’abamaraika barabagiranaga bahagaze kure. Abanyabwenge ntacyo bari babiziho, bibwiraga ko iyo nyenyeri ihari ku bwabo. Nuko bajya kugisha inama abatambyi n’abacurabwenge, bashakashaka mu mizingo ya kera. Mu buhanuzi bwa Balamu yari yaravuze ati : “ Inyenyeri izakomoka mu bwoko bwa Yakobo, inkoni y’ubwami izaboneka iturutse mu bwoko bwa Isirayeli²⁹”. None se iyo nyenyeri idasanzwe yaba yaraboherejwe kubera integuza uwari warasezeranywe ? Bari bakiranye umwete umucyo w’ukuri wohererejwe n’ijuru noneho uwo mucyo wagaragaraga mu maso yabo ari urumuri rwaka cyane. Inzozo zabateraga kujya gushakashaka igikomangoma cyavutse.

Nk’uko Aburahamu yumviye ijwi ry’Imana “ Akagenda atazi iyo ajya³⁰”, nk’uko ubwoko bwa Isirayeli bwakurikiye inkingi y’igicu kubwo kwizera, inkingi y’igicu yagombaga kubajyana mu gihugu cy’isezerano, ni nako abo bapagani bagiye gushakashaka Umucunguzi wari wavuzwe. Ibintu by’agaciro kenshi mu burasirazuba byari bigwiriye, nuko abanyabwenge ntibagenda imbokoboko. Nk’uko umuhango wo kwakira ibikomangoma cyangwa abo mu rwego rwo hejuru wari uri, abanyabwenge bajyana ibyiza byo mu gihugu cyabo kugira ngo babiture uwo imiryango yo mu isi yose yari kuzaherwamo imigisha. Bagenda nijoro kugira ngo babone uko bakurikira inyenyeri. Aba bagenzi banyuzagamo bakiyibutsa amateka y’imigenzo n’ibyavuzwe n’ubuhanuzi birebana n’uwo bashakaga. Buri hantu hose baruhukiraga bongeraga kwiga ubuhanuzi bakarushaho kwiringira ubuyobozi bubari hejuru. Inyenyeri yababera ikimenyetso kigaragara; bari bafite mu mutima igihamba cy’Umwuka wera kibatera ibyiringiro. Urugendo rwabo rwarabanejeje cyane.

Ngabo bageze mu gihugu cya Isiraeli bamanuka umusozi wa Elayono, bitegeye Yerusalemu. Inyenyeri yari ibayoboye ihagarara hejuru y’urusengero maze barayibura. Bakomezanya ubwira, bizeye ko inkuru nziza yo kuvuka kwa Mesiya ari cyo kiganiro cya bose. Ubushakashatsi bwabo ntacyo bwagezeho. Bacyinjira mu murwa wera bajya mu rusengero. Batangazwa nuko nta muntu numwe uzi iby’uwo

Mwami wavutse. Ibibazo babazaga nta we byashimishije ahubwo byateye abantu kumirwa, ubwoba no kubasuzugura.

Abatambyi bahoraga basubira mu migenzo barata idini yabo no kubonera kwabo, bakanegura Abagereki n’Abaroma ko ari abapagani, abanyabyaha ruharwa. Abanyabwenge nta bwo basengaga ibigirwamana mu maso y’Imana bari beza kuruta abiyitaga ko bayisenga; nyamara bababonaga nk’abapagani. Ibibazo byari bihangayikishije abo banyabwenge nta bwuzu byateye abo basanze haba no mu bari bashinzwe kurinda Ibyanditswe byera.

Inkuru y’uko abanyabwenge baje, ikwira vuba na vuba muri Yerusalemu yose. Abo bashyitsi batari bitezwe batuma rubanda ruvurungana, maze iyo nkuru igera mu ngoro yo kwa Herode. Igitekerezo cy’uko undi mwami agiye kuboneka gitera ubwoba Umunyedomu w’indyarya. Kwima kwe kwaranzwe n’ubwicanyi butabarika. Kuba ari umunyamahanga byateye rubanda kumwanga, ariko bakamwemera ku ngufu. icyari kimukingiyeye gusa ni ingoma ya Roma. Ariko uyu Mwami mushya yari afite uburenganzira kumurusha. Yari avukiye gutegeka.

Herode akeka ko abatambyi bagambanye ku banyamahanga kugira ngo batere imyivumbagatanyo muri rubanda ngo bamukure ku ngoma. Umwami yiyemeje kuburizamo imigambi yabo akoresheje uburyarya, agerageza guhisha ko bitamunejeje. Ateranya abatambyi bakuru n’abanditsi, maze ababaza icyo Ibyanditswe Byera bivuga ku byerekeye Mesiya, naho azavukira.

Ubwirasi bw’abo Bayuda b’abahanga bukomeretswa n’ibibazo by’uwo mwami wibye ingoma ababaza kuby’abo banyamahanga. Ubunenganenzi bari bafite bajya kureba mu mizingo yera butera umujinya uwo mwicanyi wuzuwe no kurarikira. Herode atekereza ko bashaka kumuhisha ibyo bazi kuri iyo nkuru. Agerageza noneho kubatera ubwoba no kubateguka gukora ubushakashatsi bwimbitse, maze bamwereka neza aho uwo mwami bategereje agomba kuvukira. Baramusubiza bati : “Ni i Betelehemu h’i Buyuda kuko byanditswe n’umuhanuzi ngo : “ Ariko nawe Betelehemu nubwo uri muto mu bihumbi by’Abayuda, muri wowe ni ho hazavukira uzaba umwami wa Isirayeli ni we uzaragira ubwoko bwanjye.”

Herode yifuzaga kwivuganira n’abanyabwenge biherereye. Umujinya n’ubwoba byari byuzuye umutima we; yashoboye kwiyumanganya maze yakirana abo banyamahanga urugwiro. Ababaza igihe inyenyeri yabonekeye, asa n’unejejwe n’ivuka rya Mesiya. Abwira abo bashyitsi ati: “Nimugende musobanuze neza iby’uwo mwana. Nimumubona muze mubimbwire, njye kumuramya.” Amaze kuvuga atyo abasezeraho nuko berekeza inzira y’ i Betelehemu.

Si uko Abatambyi n’abakuru bari bayobewe iby’inkuru yo kuvuka kwa Kristo ngo bibemeze. I Yerusalemu hari haragejejwe inkuru y’uko abamalaika basuye abashumba, ariko abigishamategeko ntibabyitaho. Baba barashoboye kubona Yesu maze bakayobora abanyabwenge aho yavukiye. Ibiri amambu abanyabwenge ni bo babamenyesheje ivuka rya Mesiya : “Umwami w’Abayuda wavutse ari hehe? Ni ko babajije”. “Kuko twabonye inyenyeri ye turi i burasirazuba none tukaba tuje kumuramya.”

Ubwirasi no kwikunda ni byo byabujije umucyo kugaragara. Abatambyi n’abigishamategeko batekereza ko nibakira inkuru zizanywe n’abashumba n’abanyabwenge zabashyira mu ngorane, bakisuzuguzwa mu maso ya rubanda kandi ari abantu basobanura ukuri kw’Imana. Abo bigisha b’ibyatwa ntibashakaga guca bugufi ngo bigishwe n’abo bitaga abapagani. Biyemeza ko bidashoboka ko Imana yabarengaho ngo ijye kwivuganira n’abashumba b’abaswa n’abatakebwe. Basuzugura inkuru zatumye Herode n’abatuye i Yerusalemu bahagarika umutima. Ntibashatse rwose no kujya i Betelehemu ngo bagenzure ko izo nkuru ari iz’ukuri. Bita gukabya amahirwe Yesu yari abazaniye. Ubwo nibwo abatambyi n’abigishamategeko bari batangiye kwanga Kristo. Guhera icyo gihe ubwibone bwa bo no kutava ku izima kwa bo bibahindukira urwango rukaze banze Umucunguzi. Mu gihe Imana yari irimo gukingurira abapagani urugi, abakuru b’ubwoko bw’Abayuda bo barimo bikingiranira inyuma y’urugi.

Abanyabwenge bava i Yerusalemu bonyine. Bwari bumaze kwira igihe basohokaga mu marembo y’umurwa. Nyuma y’urugendo rwabo rurerure, baciwe intege n’umwete muke w’abayobozi b’ubwoko bw’Abayuda, bava i Yerusalemu batanyuzwe nk’uko binjiyemo, nyamara banezewa no kongera kubona inyenyeri yabayoboraga i Betelehemu. Imibereho yicishije bugufi ya Yesu ntibayihishurirwa nk’uko byagendekeye abashumba. Ubwo bageraga i Betelehemu nta barinzi ba

cyami bari barinze uwo Mwami mushya wavutse. Nta muntu ukomeye wari urinze icyumba cye. Mu twenda tw’impinja Yesu yari yiryamiye mu muvure hagati y’ababyeyi be b’abaturage, batigishijwe. “ Mbese koko uwo ni we wari waravuzwe «ko ari we uzegura imiryango y’aba Yakobo no kugarura abatatanze ba Isirayeli;» uwagombaga kuba «umucyo w’amahanga» kandi akazana «agakiza... akageza ku mpera y’isi?⁴»

“Nuko binjira mu nzu babona uruhinja na nyina Mariya. “Baramupfukamira baramuramya”. Nubwo yari yicishije bugufi cyane, bamubonamo ubumana. Bamuha imitima yabo nk’Umukiza wa bo, maze bamushyikiriza impano : «izahabu, ishanga n’icyome. » Mbega ukuntu bari bafite kwizera ? Ibyavuzwe ku musirikari w’umuroma hanyuma ni byo byari bikwiriye kubavugwaho ngo : “Ni ukuri ndababwira ko nta muntu n’umwe mu Isirayeli nabonye ufite ukwizera nk’ukwa bo⁵.”

Kubera ko abanyabwenge batari bamenye imigambi Herode afitiye Yesu, bamaze gusohozwa inshingano yabo bari bihaye, bitegura gusubira i Yerusalemu kubwira umwami iby’urugendo rwa bo ruhira. Ariko mu nzozi, bahawe ubutumwa buvuye mu ijuru bubabwira kongera kugirana umushyikirano na we. Ntibasubira i Yerusalemu banyura indi nzira bataha iwabo.

Mu nzozi na none, Yosefu na we araburirwa. Yagombaga guhungana Umwana na nyina, akajya mu Egiputa. Maraika aramubwira ati : “Ugume yo kugeza aho uzakubwirira kugaruka; kuko Herode agenza umwana kugira ngo amwice.” Yosefu yumvira atazuyaje maze agenda nyakijoro kubera gutinya.

Imana yifashishije abanyabwenge maze imenyesha ishyamba ry’Abayuda, iby’ivuka ry’Umwana wayo. Ubushakashatsi bakoze i Yerusalemu, amatsiko bateye ubwo bwoko, kugeza ku ishyamba bateye Herode ibyo byose bitera abatambyi n’abigishamategako gutekereza cyane, kandi bayobora ubwenge ku buhanuzi bwerekeye Mesiya, no ku nkuru y’ibyamba byabaye.

Satani wiyemeje kubuza umucyo w’Imana kumurika mu isi, akoresha uburiganya bwe bwose kugira ngo aburizemo Umukiza. Ariko Idasinzira, ntigoheke

yari yitaye ku Mwana wayo. Iyari yaramanuye Manu mu Bisirayeli, kandi ikagaburira Eliya mu gihe cy'inzara, ni yo yahaye ubuhungiro Mariya n'umwana Yesu mu gihugu cy'abanyamahanga. Impano zazanywe n'abanyabwenge bavuye mu gihugu cy'abapagani, ni zo zabaye uburyo Imana yakoresheje, kugira ngo impunzi zibone inzira izerekeza mu Egiputa kandi zizifashe kugira imibereho mu gihugu bari bahungiyemo.

Abanyabwenge babonetse mu ba mbere bifuriye ikaze Umucunguzi. Ni bo ba mbere barambitse impano ku birenge by'Umucunguzi. Mbega umunezero bagize wo kumukorera ? Imana yakira ituro ry'umutima ukunze, kandi irikoresha bikomeye mu murimo wayo. Niba twareguriye Yesu imitima yacu tuzamuzanira impano zacu nazo. Dukwiriye guha Uwatwitangiye ubutunzi bwacu bw'isi burusha ubundi kuba bwiza n'ubwenge bwacu bw'imibiri n'iby'umwuka.

Herode ari i Yerusalemu ategerezanya ishyushyu kugaruka kw'abanyabwenge. Gukeka kwe gukangurwa nuko igihe cyabaye kirekire nta gahinguka. Amaze kwiyumvisha umwete muke abigishamategako bakoranye mu kumwerekana aho Mesiya azavukira, atekereza ko abo bantu bavumbuye imigambi ye, kandi ko abanyabwenge babihunze ku bwende bwabo. icyo gitekerezo kiramurakaza cyane. Aho uburyarya bwe bwatsindiwe yumvaga ko imbaraga ze ari zo zigomba kuhatsindira. Yari agiye gutanga akabarore no kwereka abo Bayuda b'abanyagasuzuguro uko kugerageza kwimika umwami mushya ku ngoma kwa bo bizahanirwa.

Abasirikare bahita boherezwa i Betelehemu ako kanya, bahawe itegeko ryo kwica abana bafite imyaka ibiri n'abatarayigezaho bose. Aho hantu hatuje ho mu murwa wa Dawidi habaye ubuhamya bw'umurimo w'ubugome bukabije, nkuko umuhanuzi yari yarabibonye mbere mu binyejana bitandatu agira ati : “Induru yumvikanira i Rama yo kurira no kuboroga kwishyamba. Rasheli aririra abana be, yanga guhozwa kuko batakiriho.”

Abayuda bari nyirabayazana w'ako kaga. Iyo baza kwitonda bakicisha bugufi imbere y'Imana, iba yaracyashye uburakari bw'umwami, ariko bari baritandukanyije n'Imana kubw'ibicumuro bya bo, bari baranze Umwuka wera kandi ari we wari ingabo yabo rukumbi ibakingira. Ntabwo bari barize ibyanditswe byera bashakira kugendera mu bushake bw'Imana. Bari barishakiye ubuhanuzi bushobora gusobanurwa nk'uko babishakira, kugira ngo berekane ko Imana ititaye ku

yandi mahanga. Mu bwirasi, bibwiraga ko Mesiya azaza nk’umwami, utsinda abanzi be, aribatira munsu y’ibirenge bye abanyamahanga n’umujinya mwinshi. Mu gutekereza batyo, bari baramaze gukarishya urwango rw’ababatwazaga igitugu. Satani mu kubasobanurira nabi umugambi w’umurimo wa Kristo, yari yiyemeje kurimbura Umukiza, ariko ingaruka ibasubira ku mutwe.

Icyo gikorwa cy’ubugome kiba kimwe mu biheruka byijimishije ingoma ya Herode. Nyuma gato y’urwo rupfu rw’inziakarengane, bidatinze umwami ubwe agerwaho n’igihano gikomeye atabasha guhunga. Apfa urupfu rubi.

Yosefu wari ucyibereye mu Egiputa ahamagarwa na malayika w’Umwami Imana gusubira mu Isirayeli. Kandi nk’uko yabonaga muri Yesu umuragwa w’ingoma ya Dawidi, yashakaga kwiturira i Betelehemu; ariko amenye ko Alikelawusi ari we utwara i Buyuda mu mwanya wa se, atinya ko imigambi Herode yari afitiye Kristo yasohozwa n’umuhungu we. Mu bana bose ba Herode, Alikelawusi ni we wari uwa se mu mico no mu mimerere. Kwima ingoma kwe kwateye impagarara i Yerusalemu: ibihumbi byinshi by’Abayuda byarimbuwe n’abasirikari b’Abaroma.

Na none Yosefu amenyeshwa ubuhungiro bushya. Yigarukira i Nazareti, aho yari atuye mbere. Kandi aho niho Yesu yabaye mu gihe cy’imyaka mirongo itatu. “Kugira ngo ibyavuzwe n’umuhanuzi bisohore ngo: Azitwa Umunyanazareti”. I Galilaya hayoborwaga n’umwe mu bahungu ba Herode, ariko ho hari uruvange rw’abantu kuruta uko byari bimeze i Buyuda, ku buryo ibibazo by’Abayuda bitari byitaweho cyane, kandi uburenganzira bwa Yesu ntibwari gutera ishyari abari bafite ubutware.

Uko ni ko isi yakiriye Umucunguzi wayo. Nta ho kuruhukira Umucunguzi yabonye ihumire. Imana ntiyashoboraga gushinga abantu uwo Mwana wa yo ikunda, wari uje gusohozwa umurimo wo kubakiza. Abamaraika bahawe inshingano yo kwita kuri Yesu no kumurinda kugeza ku iherezo ry’umurimo we, kugeza igihe yagombaga kwicwa n’amaboko y’abo yari yaje gukiza.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 2.

2. Kubara 24:17.

Yesu Kristo

3. Abaheburayo 11:8

4. Yesaya 49:6. 5. Matayo 8:10.

***** ****

7. AMABYIRUKA YA YESU



Amabyiruka n’ubusore bwa Yesu byabereye mu kiorero gitoya cyo mu misozi. Ahantu hose ku isi hari gushobora kubahishwa nuko ahari. Byari kuba icyubahiro gihebuje iyo ingoro z’abami zimwakira nk’umushyitsi. Ariko akikira inzu z’ibitabashwa, anyura iruhande rw’ingoro z’abami, n’ahantu hatuwe

n’abanyabwenge bari baramamaye kubera ubuhanga, ahitamo kujya kwiturira mu kiorero kitazwi gisuzuguritse cy’I Nazareti.

Igitekerezo kigufi cy’imyaka ye ya mbere cyuzuyemo ubusobanuro ngo : “Nuko uwo mwana arakura, agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge. Kandi ubuntu bw’Imana bwari muri we.” Mu mucyo wo kuba ari kumwe na Se, “Yesu akomeza kugwiza ubwenge, abyiruka ashimwa n’Imana n’abantu.”¹ Ubwenge bwe bwagiraga umwete kandi bwimbitse; yatekerezaga neza cyane kandi ari umunyabwenge kurusha abana bo mu kigero cye. Imico ye yari itunganye ku buryo budahindagurika. Imbaraga ze z’ubwenge n’iz’umubiri ziyongeraga zikurikije amategeko agenga imikurire.

Umwana Yesu yagaragaraga ko ari uwo gukundwa. Igihe cyose yahoraga yiteguye gukorera abandi. Nta kintu na kimwe cyashoboraga kunaniza kwihangana kwe, kandi ukuri kwe ntikwashoboraga guhinyuka. Nubwo yashikamaga ku mahame ye nk’urutare, yagaragazaga imibereho yuje impuhwe zo kwita ku bandi aho kwihugiraho.

Umubyeyi wa Yesu yitaga ku mikurire ye n’imibereho ye, afite impuhwe nyinshi za kibyezi. Kandi yashimishwaga cyane no kubonera kw’imico ye. Yanezezwaga no gutera umwete uwo mutima wumvira kandi ujijutse. Umwuka wera aha Mariya ubwenge kugira ngo ashobore, afatanije n’abamalaika b’ijuru kwita ku mikurire y’uwo mwana Yesu wari uzi ko Imana ari yo Se.

Uhereye mu bihe bya kera cyane, abakiranutsi b'Isirayeli bitaga cyane ku nyigisho zihabwa urubwiruko. Uwitwaga Imana yari yarategutse ko guhera mu bwana, abantu bakwiriyeye kwigishwa iby'ubwoba bwayo n'ibyo gukomera kwayo nk'uko byagaragajwe by'umwihariko mu mategeko yayo; kandi bakamenyeshwa n'amateka y'Abisirayeli. Indirimbo, amasengesho n'inyigisho y'Ibyanditswe byera ni byo byagombaga gutwaza urubwiruko ubwenge. Ba se na ba nyina b'abana bagombaga kwigisha abana babo ko amategeko y'Imana ari yo agaragaza kamere yayo, kandi mu kwakira amahame y'amategeko mu mutima ari bwo umuntu yigaruramo ishusho y'Imana. Inyigisho yatangwaga mu mutwe, ariko abana bakwigishwa gusoma inyandiko za giheburayo, kandi imizungu y'ibitabo by'Isezerano rya kera ni yo bigiragamo.

Mu gihe cya Kristo, imiryango itarahaga urubwiruko rwayo inyigisho z'iby'idini yafatwaga nk'iyavumwe n'Imana. Nyamara imyigishirize yari yarabayeho nk'akamenyero. Imigenzo ahanini ni yo yari yarashimbuye Ibyanditswe byera. Imyigishirize y'ukuri yari ikwiriyeye gutwaza urubwiruko rushakira Imana kandi "bakihatira kuyibona uko bishoboka kose bakabakabye." Ariko abigisha bitaga gusa ku mihango. Buzuzaga intekerezo zabo ibintu bitagira umumaro, bidashobora guhabwa agaciro n'ishuri rikuru ryo mu ijuru, kandi ubwo buryo bw'imyigishirize nta kanya bwatangaga ku bunyaribonye bubonwa gusa no kwiyakirira Ijambo ry'Imana umuntu ku giti cyeye. Abanyeshuri bari barazungazungazwe mu mihango y'inyuma gusa, ntibabonaga umwanya uhagije wo gusabana n'Imana. Ntibashoboraga kumva ijwi ry'Imana rivugana n'imitima ya bo. Muri uko gukurikira ubwo buhanga, bateye umugongo isoko y'ubwenge. Ibintu by'ingenzi byo mu murimo w'Imana byarirengagijwe, amahame y'amategeko atangwaga nabi. Ibyo batekerezaga ko ari inyigisho zishimwaga zo mu rwego rwo hejuru, mu by'ukuri ni zo zabaye inkomyi yo gukuzanya amajyambere y'ubumenyi bukwiriyeye. Inyigisho yatangwaga n'abigisha b'Abayuda yateraga ubwenge bw'abana b'urubwiruko kugimba bukononekara kandi bugasigira.

Inyigisho za Yesu ntabwo yazikuye mu mashuri y'isinagogi. Nyina ni we wabayeho umwigisha we wa mbere wo mu isi. Yesu yamenye ubwenge bw'ibintu byo mu ijuru abyumvanye nyina, no mu mizungu y'ibitabo by'ubuhanuzi. Ari ku bibera bya nyina, yamwumvanyaga amagambo yari yarahaye Abisirayeli kera, ayanuyijije mu kanwa ka Mose. Hanyuma nabwo ntiyagiye mu mashuri y'abigisha b'Abayuda,

inyigisho yari kuvana kuri iryo riba ntabwo yari ayikeneye, kuko Imana ubwayo ari yo yari Umwigisha we.

Abayuda baratangaye cyane ubwo bumvaga Umukiza ari mu murimo we maze babigaragaza muri aya magambo ngo : “ Uyu yakuye he ubu bwenge ko atigishijwe?³³” Ntidukwiriye gufata icyemezo ko Yesu atari azi gusoma, ahubwo gusa ntabwo yakurikiye iby’abigishwa b’Abayuda. Ahubwo yahawe ubumenyi nk’uko natwe ubwacu dushobora kububona; uburyo yari amenyereye Ibyanditswe byera; biratwereka uburyo yabyihatiye akabicengera, kuko yize Ijambo ry’Imana guhera mu myaka y’ubuto bwe. Umutungo mugari w’Ibyanditswe byera by’imirimo y’Imana wari umuri imbere. We waremye ibintu byose noneho yigaga amasomo yanditswe n’intoze ze bwite ku isi, ku nyanja ndetse no mu kirere. Yikinze ibyanduye by’isi, yakuraga mu byaremwe ubutunzi bukomeye bw’ubumenyi bw’ubuhanga. Guhera mu buto bwe yari yuzuwemo n’umugambi umwe rukumbi, ari wo wo kuberaho gukora icyiza. Kubw’ibyo, ibyaremwe byamuhaga ibikenewe, ibitekerezo bishya byerekeranye n’uburyo agomba gukora byagwiraga cyane mu mutima we igihe yabaga ari kwiga imibereho y’ibimera, iy’inyamaswa, ndetse n’iy’umuntu. Yihatiraga cyane uko bukeye n’uko bwije gukura amasomo mu bintu yitegereje, bikamubashisha gusobanura neza amagambo ahoraho y’Imana. Mu gihe yakoraga umurimo we, imigani yakundaga gukoresha yigisha amasomo y’ukuri igaragaza uburyo ubwenge bwe bwari bwarakanguwe n’ibyaremwe n’uburyo yashoboraga kuvana mu bidukikije bya buri munsu inyigisho z’iby’umwuka.

Ubusobanuro bw’Ijambo n’imirimo y’Imana byahishukiraga Yesu, mu gihe yihatiraga gusobanukirwa n’impamvu z’ibintu. Ibiremwa byo mu ijuru byamubaga hafi bimufasha, kandi umutima we wabaga wuzuyemo ibitekerezo byiza. Guhera igihe ubwenge bwari bumaze gukanguka, akomeza kugwiza ubuntu bw’Imana n’ubwenge busobanukiwe ukuri.

Buri mwana wese ashobora kwiga nk’uko Yesu yize. Nitwihatira kwiga gusobanukirwa na Data wa Twese wo mu ijuru, twifashishije Ijambo rye, abamaraika bazadusanga batwegere, kugira ngo batwungure ubwenge, baboneze kandi bakuze imico yacu. Tuzamera nk’Umucunguzi wacu. Guhanga amaso ikintu cyose cyiza kandi cy’ingenzi mu byaremwe bizayobora urukundo rwacu ku Mana. Ukubaha kuzana agakiza kwinjira mu bwenge, maze umutima ugahabwa imbaraga

nshya, kubwo kwibera mu mirimo y'Uhoraho. Gusabana n'Imana mu masengesho, bikuzza ubwenge bw'ubuhanga no kwitegeka maze imbaraga z'iby'umwuka zikiyongera kubera kwiga iby'umwuka.

Mu mibereho ya Yesu yasabanaga n'Imana. Akiri umwana yaratekerezaga kandi akavuga nk'umwana; ariko nta na rimwe umukori w'icyaha wigeze uhungabanya ishusho y'ubumana bwari bumurimo. Nyamara ntiyari ari aho ibigeragezo bitagera. Abaturage b'I Nazareti bari bazwi cyane kubera ubugome bwa bo. Bigaragara mu kibazo cya Natanayeli nk'uko bababonaga ngo : «Mbese I Nazareti hari ikintu cyiza cyahaturuka?»⁴ Abaturanyi ba Yesu bahoraga bamugerageza kubw'imico ye. Yagombaga gukoresha imbaraga nyinshi buri gihe kugira ngo abashe kurinda ukubonera kwe kandi yahoraga ahanganye n'intambara duhura na zo kugira ngo atubere urugero, haba mu bwana, mu busore, no mu bukuru.

Satani ntiyigeze ahwema gukoresha imbaraga ze zose kugira ngo aneshe uwo mwana w'I Nazareti. Yesu yarindwaga n'abamalayika bo mu ijuru, guhera mu myaka ye ya mbere, nyamara imibereho ye yarimo intambara idatuzza arwana n'imbaraga y'umwijima. Kuba ku isi kw'imibereho itagira ikizinga cy'icyaha byateraga ubwoba kandi bikababaza umutware w'umwijima. Satani yateze imitego yose ishoboka. Nta mwana n'umwe ku isi washobora imibereho I ari mu ntambara zikomeye z'ibigeragezo nk'iz'Umukiza wacu yahanganye na zo.

Ababyeyi ba Yesu bari abakene, bityo bagombaga kubaho bakora imirimo ya buri muni. Bityo rero yimenyereje kubaho gikene, kwiyinga ndetse no kwigomwa. Iyo myifatire yamubereye uburinzi. Imibereho ye yari igwiriyemo imirimo ku buryo nta kanya na gato kari gahari kaberekeraga ubunebwe butegurira ibigeragezo inzira. Nta saha n'imwe y'imfabusa yashoboraga kumutera gushaka kugirana ubumwe n'ibyonona. Igihe cyose ibyo byashobokaga byatumaga umwanzi abura aho yinjirira. Nta nyungu, nta munezero na muke, nta guhimbazwa na guke cyangwa gutonganywa byashoboraga kumutera igikorwa kibi. Yari umunyabwenge cyane ku buryo yari azi kugenzura ikibi, bikamushoboza rwose kugitsinda bitamugoye.

Kristo ni we wenyine wabaye ku isi ntiyakora icyaha; nyamara yamaranye n'Abanyanazareti imyaka mironko itatu. Ibi birerekana ukuntu ari ukwibeshya cyane kwibwira ko bidashoboka kugira imibereho ikiranuka utari mu buzima bwiza,

mu mukiro no mu burumbuke. Ibiri amambu, ibigeragezo, ubukene no kwangwa ni bwo buryo bwiza buzakuza amajyambere mu byo kwera ndetse no gushikama.

Yesu yari atuye mu nzu y’abanyamusozi, kandi yihanganiraga umugabane we w’imitwari y’ubuzima rusange akiranuka kandi anezerewe. Yahoze ari umutware w’ijuru kandi abamarayika banezezwa no kumwumvira, ariko noneho ubu yiyerekanaga ari nk’umugaragu w’umunyamwete, Umwana ukundwa kandi wumvira. Yize umwuga kandi yafatanyaga na se Yosefu akoresha amaboko ye mu murimo w’ububaji. Yambaye nk’umukozi usanzwe, yagendagenda mu miharuro y’ibirorero n’amaguru ajya cyangwa ava mu murimo we usuzuguritse. Nta na rimwe yigeze akoresha imbaraga ze z’ubumana kugira ngo yoroshye umurimo we cyangwa agabanure imiruhu ye.

Umurimo we wafashije umubiri n’ubwenge mu gihe yari umwana ndetse no mu mabyiruka ye. Ntabwo yakoreshe imbaraga ze z’umubiri mu buryo bwo kwigerezaho, ahubwo yari azi kuzikoresha atazononnye, kugira ngo arangize umurimo uboneye mu buryo bwose. Nk’umuntu kandi w’umukozi ukiranuka ntabwo yemeraga amafuti ndetse no mu gukoresha ibikoresho by’ububaji. Kubw’icyitegererezo cye yatugaragarije ko tugomba gukora ibintu bitunganye, kandi ko umurimo ukozwe neza ukwiriye gushimwa. Umwitozo utera amaboko kumenyera, maze ukigisha urubiruko gufatanya umurimo, no gukuza imbaraga z’umubiri n’imbaraga zose z’ubwenge. Buri wese akwiriye gushaka umurimo wamugirira akamaro, ukakagirira n’abandi. Imana yashatse ko umurimo uba umugisha, kandi umukozi w’umunyamwete wenyine ni we ubona ibanga ry’icyubahiro nyakuri n’umunezero w’ubuzima. Imana ishima abana n’urubiruko rufatanya mu gufasha ababyeyi inshingano z’urugo. Abana bameze batyo, igihe bazaba baravuye mu ngo z’ababyeyi, bazaba ingirakamaro aho bazaba bari.

Mu gihe cy’imibereho ye yose ku isi Yesu yari umukozi w’umunyamwete. Yahoraga yiteze byinshi, kandi agakora byinshi. Mu gihe cy’umurimo we wo kubwiriza ubutumwa yaravuze ati : “ Nkwiriye gukora umurimo w’Uwantumye, hakiri ku manywa, bugiye kwira mu gihe umuntu atakibasha gukora.”⁵ Yesu ntiyihunzaga imihati n’inshingano nk’uko benshi mu biyita abigishwa be babigenza. Benshi ni abanyantega nke kandi ntacyo babasha gukora kuko bashakaga kwihunza icyo cyitegererezo cye. Bashobora kwikundisha no gushaka gushimwa

kuri bimwe bigize imico yabo, ariko bakabura imbaraga imbere y'ibigeragezo cyangwa ibizazane. Ubwo buryo bwakoreye muri Kristo ni bwo bugomba gukuza imbaraga muri twe maze bukadukomerezamo imico nk'iya Kristo; kandi rero ubuntu yahawe natwe bushobora kutugeraho.

Igihe cyose Umukiza yabaye mu bantu, yabayeho imibereho ya gikene. Kubw'ubunararibonye yemeye ingorane n'ubukene bwinshi byabo, ibyo ni byo byamuteraga guhumuriza abakozi bose baciye bugufi. Abasobanukirwa neza inyigisho zigaragarira mu mibereho ye ntibazigera batekereza ko hariho impamvu yabatera kurobanura abantu ku butoni; abakungu nta burenganzira bafite bwo kubahwa cyane kuruta abakene.

Yesu yanezezwe no gukora umurimo we neza. Bisaba ukwihangana kwinsi n'imibereho y'iby'umwuka kugira ngo umuntu acengeze idini Bibliya yigisha mu mibereho y'I muhira no mu mirimo ikorwa, kugira ngo umuntu ashobore kwihanganira imbaraga zisabwa n'iyo mirimo kandi akomeze kugira icyubahiro cy'Imana nyambere. Ni muri ibyo Kristo yabashije kudufashamo. Nta na rimwe yigeze atwarwa n'ibirushya byo mu isi ngo bimubuze akanya ko gutekereza iby'ijuru. Kenshi yagaragazaga umunezero we mu ndirimbo za Zaburi n'izo mu ijuru. Abaturage b'I Nazareti bamwumvaga ahimbaza kandi anashima Imana. Mu ndirimbo ni ho yagiranaga umushyikirano n'ijuru, kandi iyo bangezi be bananizwaga n'umurimo, ijwi ryiza risohoka mu minwa ye ryarabahumurizaga. Izo ndirimbo ze zateraga abamarayika babi guhunga, maze zikaba nk'umubavu aho yabaga ari. Imitima y'abamwumvaga yarazamurwaga igakurwa mu isi ikigira muri gakondo yo mu ijuru.

Yesu yari isoko y'imbabazi zikiza ku b'isi; kandi mu gihe cy'imyaka yose yamaze ari I Nazareti, imbaraga y'impuhwe n'urukundo yabageragaho ivuye muri we. Ukubaho kwe kwagezaga umunezero kuri bose: ku basaza, ku bafite intimba, ku baremerewe n'umutwaro w'icyaha, ku bana bari mu dukino twabo, yemwe no ku tunyamaswa duto; kimwe n'inyamaswa zikorera imitwaro. Uramirisha amasi Ijambo rye, yacaga bugufi kugira ngo atoragure akanyoni kakomeretse. Nta kintu na kimwe yabonaga ko kidakeneye ubufasha bwe.

Bityo mu gihe Yesu yagwizaga ubwenge n'imbaraga ni nako yagendaga ashimwa n'Imana n'abantu. Mu gukwiza impuhwe ze kuri bose, ni nako

yigaruriraga imitima yose. Umwuka n'ibyiringiro n'ubutwari wari umukikije wamuteraga kuba isoko y'umugisha kuri buri muryango. Kenshi cyane, ku munsu w'isabato mu isinagogi, bamurarikiraga gusoma mu muzingo w'abahanuzi, maze imitima y'abamwumvaga ikizihizwa no kumva umucyo mushya w'amagambo azwi yo mu gitabo cyera.

Nyamara ariko Yesu yirindaga ubwiza bwose bugaragara inyuma. Mu gihe cy'imyaka yose yamazwe I Nazareti nta na rimwe yigeze akoresha ubushobozi bwe bw'igitangaza. Ntabwo yashakaga umwanya w'icyubahiro kandi nta rwego na rumwe yaburanaga. Isomo ry'ingenzi ryagaragariraga mu mibereho ye, yicishije bugufi kandi ituje, kimwe n'uko ibyanditswe bitagize icyo bivugaga ku mabyiruka ye. Uko imibereho y'umwana irindwa ibiyobyabwenge, ikaba yoroheje kandi ituje, ikabona uko isabana n'ibyaremwe, ni ko irushaho gukura imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge ndetse n'iz'iby'umwuka.

Yesu ni icyitegerezo cyacu. Abantu benshi batinda cyane ku murimo we muri rubanda, nyamara bakirengagiza inyigisho zo mu bwana bwe. Mu mibereho ye yo mu muryango ni we cyitegererezo ku bana bose no ku rubyiruko rwose. Umukiza yemeye kubaho mu buryo bwa gikene, kugira ngo atwereke uburyo dushobora kubaho twegereye Imana nubwo twaba turi abakene rwose. Yihagiraga kunezeza Se, kumwumvira, kumuha ikuzo, mu bintu byose bisanzwe by'ubuzima. Atangira umurimo we yitangira umwuga worohojwe ukorwa n'abashakira ibyo kurya bya buri munsu, akiyumvamo ko ari ku murimo w'Imana nk'uko yakoraga mu ibarizo ari umubajirika, kimwe no hanyuma igihe yakoraga ibitangaza akizira abantu benshi. Buri musore wese ukurikiza urugero rwa Kristo, icyitegerezo cy'ubudakemwa no kumvira mu muryango ashobora kwishingikiriza ku magambo Data wa twese yavugiyemo mu mwuka we agira ati : “Dore umugaragu wanjye ndamiye uwo natoranyije umutima wanjye ukamushima⁶.”

1. ki cyigisho kiboneka muri Luka 2:39,40,52.
2. Ibyakozwe 17:27.
3. Yohana 7:15.
4. Yohana 1:46.
5. Yohana 9:4.
6. Yesaya 42:1.

*** **

8. AJYA MURI PASIKA



Mu Bayuda, imyaka cumi n'ibiri ni yo yari umurongo ushyira itandukaniro hagati y'ubwana n'ubugimbi. Umuheburayo ugeze muri icyo kigero, yitwaga umwana w'amategako, akanitwa umwana w'Imana. Hari ibintu bimwe na bimwe yakomorerwaga, byerekeranye n'ibygisho by'idini : bamwemereraga gufatanya n'abandi iminsi mikuru yejeje ndetse n'imihango. Nk'Abisiraeli bose bakiranukaga, Yosefu na Maria na bo buri mwaka bajyaga muri Pasika; kandi Yesu na we agejeje ku myaka yategetswe nk'uko imigenzo yari iri ajyana n'ababyeyi be¹. Inshuro eshatu mu mwaka mu minsi mikuru ya Pasika na Pantekote ndetse n'iminsi mikuru y'ingando, abantu bose b'Abisirayeli bagombaga kujya imbere y'Uwiteka i

Yerusalemu. Muri iyo minsi mikuru itatu, umunsi mukuru wa Pasika ni wo wateranyaga abantu benshi. Abayuda bajyaga yo ari benshi cyane, baturutse mu bihugu batataniyemo. Abantu benshi basenga baturukaga mu mpande zose za Palesitina.

Byari urugendo rw'iminsi myinshi guturuka i Galilaya ujya i Yerusalemu, ibyo byatumaga abagenzi bagendera hamwe ari benshi kugira ngo babe bari hamwe babashe kwirwanaho igihe bibaye ngombwa. Abagore n'abasaza bagendaga bahetswe n'ibimasa cyangwa se indogobe, bakanyura mu tuyira tw'imfungane kandi twuzuyemo amabuye; naho abagabo b'imbaraga n'abasore bakagenda n'amaguru. Icyo gihe cyabaga ari mu mpera z'ukwezi kwa gatatu cyangwa mu ntangiriro z'ukwa kane : indabyo n'indirimbo z'innyoni ni byo byabaga birimbishije inzira z'abagenzi. Kwitegereza ahantu h'inzibutso z'amateka y'Isiraeli byahaga ababyeyi akanya ko gutekereza abana babo ibitangaza Imana yakoreye ubwoko bwayo mu bihe byashize. Indirimbo n'amajwi meza byatumaga urugendo ruba

rugufi, maze bagera hafi ku iherezo ry'urugendo bakarabukwa iminara y'i Yerusalemu ihinguka, amajwi yose bakayabumbira hamwe baririmba iyi ndirimbo yo kunesha ngo:

«Yerusalemu, ibirenge byacu bihagaze ku marembo yawe!...
amahoro abe imbere y'inkike zawe, kugubwa neza kube mu
nyumba zawe!²»

Umuhango wa Pasika washyizweho igihe ishyanga ry'Abaheburayo ryavukaga, Imana yari yaramenyeshije Farawo igihano giheruka yari igiye guhanisha Abanyegiputa. Ijoro riheruka uburetwa bwo mu Egipta mu gihe nta kimenyetso kigaragara cyo gucungurwa cyariho, Uwiteka Imana yahaye Abisirayeli itegeko ryo kwitegura kugenda batazuyaze kandi bagateraniriza ab'imiryango yabo mu mazu yabo imbere. Bamaze gusiga amaraso y'umwana w'intama ku nkomanizo z'imiryango y'amazu yabo, bagombaga kurya umwana w'intama wokeye bakawurisha umutsima udasembuye n'imboga zisharira. Uwiteka Imana yarababwiye ati: «Uku abe ariko muzazirya, muzazirye mukenyeye, mukwese inkweto mwitwaje inkoni, muzazirye vuba vuba; iyo ni yo Pasika y'Uwiteka³.» Mu gicuku abana bose b'imfura bo mu Egipta barapfa. Nuko umwami abwira abisiraeli ati : «Nimuhaguruke muve mu bantu banjye mwa Bisirayeli mwe, mugende mukorere Uwiteka nk'uko mwavugaga.» Nuko Abaheburayo bava mu Egipta nk'ishyanga ryigenga. Uwiteka yari yarategetse ko bazajya bubahiriza Pasika buri mwaka. Yarababwiye ati : «Kandi uko abana banyu bazajya babaza bati: uyu muhango wanyu ni uw'iki? Muje mubasubiza muti : ni igitambo cya Pasika y'Uwiteka, kuko yanyuze ku nzu y'Isirayeli bari mu Egipta agakiza amazu yacu ubwo yicaga Abanyegiputa⁴.» Bityo inkuru y'ako gakiza gatangaje yari kuzajya yibutswa buri gisekuruza.

Umunsi mukuru w'iminsi irindwi bagombaga kuryamo imitsima idasembuwe, wakurikiraga Pasika. Ku munsi wa kabiri w'uwo munsi mukuru bazanaga imbere y'Uwiteka umuganda w'ingano ari wo muganura. Imihango yose y'uwo munsi mukuru yari ikimenyetso gitunga urutoki umurimo wa Kristo. Kuvanwa mu bubata bwo mu Egipta kwa Isirayeli, kwari ishusho yo gucungurwa, ari byo Pasika yumvikanishaga. Umukiza yagereranywaga n'uriya mwana w'intama utambwa, akagereranywa n'imitsima idasembuwe ndetse n'umuganda w'umuganura.

Abenshi mu bariho mu gihe cya Kristo, gukomeza umunsi mukuru byari byarahindutse nk'umuhango gusa. Ariko mbega ubusobanuro byari bifite mu maso y'Umwana w'Imana !

Ku nshuro ya mbere, Umwana Yesu abona urusengero. Abona abatambyi bambaye imyambaro yera, bakora imirimo yabo isanzwe. Abona igitambo kivirirana kiri ku gicaniro batambiraho. Apfukamana n'abandi basenga, arasenga mu gihe umwotsi w'umubavu wazamukaga ujya ku Mana. Yitegereza imihango itangaje y'umurimo wa Pasika. Maze uko bucya bukira yumvaga ubusobanuro bwabyo. Buri gikorwa cyose yabonaga gifitanye isano n'imibereho ye bwite. Ibyifuzo bishyashya bihita bikanguka muri we. Atuje kandi atekereza yasaga n'uri gutekereza ku kibazo gikomeye. Umukiza atangira gucengera ubwiru bw'umurimo we.

Atwawe no kwitegereza ibyahaberaga, aha intera ababyeyi be maze ajya ahiherereye. Maze ubwo imirimo ya Pasika yari ihumuje atinda mu bikari by'urusengero, ku buryo yasigaye inyuma ubwo abari bamaze gusenga bavaga i Yerusalemu.

Ubwo bari baje i Yerusalemu, ababyeyi ba Yesu bifuzaga kumushyikiriza abigisha b'Isirayeli. Nubwo yumviraga Ijambo ry'Imana umurongo ku murongo, ntabwo yemeye kwihuza n'imihango n'imigenzereze y'abigishamategeko. Yosefu na Mariya bizeraga ko byaba byiza kumujoyana ngo yitegereze abigishamategeko b'abahanga no kugira ngo yite ku byo bashakaga. Ariko ubwo yazaga mu rusengero Yesu yari yarigishijwe n'Imana, nuko atangira ako kanya kwigisha ibyo yari yarakiriye, icyumba gifatanye n'urusengero, cyari cyaragizwe ishuri ryera, nk'uko amashuri y'abahanuzi yari ari. Abigisha bakuru bahahiriraga n'abigishwa babo. Yesu yinjira muri icyo cyumba. Yicara ku birenge by'izo ntiti, yumva inyigisho zabo. Nk'umuntu washakaga kumenya, Yesu abaza abo bigisha ibyerekeye ubuhanuzi n'iby'ibintu biri kuba bivugaga ibyo kuza kwa Mesiya.

Yesu yigaragazaga nk'umuntu ufite inyota yo kumenya Imana. Ibibazo bye byerekeraga ku kuri kwimbitse, kwibagiranye igihe kirekire, ariko kukaba gukenewe mu gukiza imitima. Buri kibazo cyeye, uretse guhishura ubuhanga buke kandi butimbitse bw'abo bigisha biyitaga abanyabwenge, cyanashyiraga imbere

yabo inyigisho y’Imana kandi kikabereka uburyo bushya bw’ukuri. Abigishamategako bavugaga ko Mesiya yari agiye kuzamura ishyanga ry’Abayuda akarigeza ku rwego rwo hejuru; ariko Yesu abibutsa ubuhanuzi bwa Yesaya, kandi anababaza ubusobanuro bw’imironko igaragaza imibabaro n’urupfu rw’Umwana w’intama w’Imana, abigishamategako na bo baramubaza maze batangazwa n’ibisubizo bye. Yasubiraga mu magambo y’Ibyanditswe byera yicishije bugufi nk’umwana muto, nyamara akabahishurira ubusobanuro bwimbitse, ubwo abo banyabwenge batashoboraga gushidikanyaho. Iyo uko kuri yari ari kubakeburiraho kuza kwitabwaho, ubugorozi buba bwaragezweho mu idini y’icyo gihe, bagakangukira kwitabira iby’umwuka maze abantu benshi bakitegura kwakira Yesu ubwo yari kuba atangiye umurimo we.

Abigishamategako bari bazi ko Yesu atigeze agera mu mashuri yabo, nyamara bahita bibonera ko azi neza ubuhanuzi kubarusha. Uwo mwana w’Umunyagalilaya wari usobanukiwe cyane, abagaragarira nk’uwuzuye amasezerano. Bifuje kumugira umwigishwa wa bo, kugira ngo bazamugire umwigisha wabo w’icyatwa mu Isirayeli. Bifuzaga kwita ku burere bwe, kuko bibwiraga ko ubwenge nk’ubwo bwa kavukire bukeneye kugororwa na bo.

Imitima ya bo itangazwa n’amagambo ya Yesu kuruta uko byayigendekeye yumvise amagambo ava mu kanwa k’umuntu. Imana yarimo imurikira abayobozi b’Isiraeli, kandi kubw’iby, yarimo ikoresha uburyo burusha ubundi kuba bwiza. Abo bibone bagombaga guterwa isoni no kwemera kwigishwa n’undi muntu uko yaba ameze kose. Niba Yesu yarashatse kubamurikira, ntibari bakwiye kwanga kumwumva. Ariko bo bibwiraga ko ari bo bamwigisha cyangwa nibura bakagenzura ubumenyi bwe mu Byanditswe. Ibyo bamutekerezagaho byacibwaga intege no kwiyoroshya kwe n’igihagararo cye cya gisore giteye ubwuzu. Mu buryo batabitekereje, ibitekerezo byabo byakangurwaga n’Ijambo ry’Imana kandi Umwuka wera yavuganaga n’imitima yabo

Ntibashoboraga kwibuza kubona ko uko bibwiraga umurimo wa Mesiya bitari bihuje n'ubuhanuzi; nyamara ntibashatse kwisubiraho ngo bareke inyigisho zabo zishyonyagiza ubwirasi bwabo. Ntabwo bashakaga kwemera ko basobanuye nabi Ibyanditswe byera, ibyo bari bashinzwe kwigisha maze bakabwirana bati : «Ko atigishijwe, buriya bwenge yabukuye he? Uwo mucyo uvira mu mwijima ariko umwijima ntiwawumenya.⁵»

Muri icyo gihe cyose Yosefu na Mariya bari mu majune. Ubwo bavaga muri Yerusalemu, bari mu nteko nini, amaso yabo ntibari bakiyahanze kuri Yesu. Abagenzi baturukaga i Galilaya bari bagizwe n'inteko nini cyane. Umunzero wo kugendana n'inshuti ndetse n'uwo kumenyana n'izindi nshya, ni wo wari wabatwaye umutima. Bugorobye ni ho bamenye ko Yesu adahari. Bagihagarara kugira ngo baruhuke, babura umwana wabo bahozagaho umutima. Ntibyahise bibahangayikisha, batekereje ko ari mu bandi bagenzi. Bari bamwiringiye cyane nubwo yari umwana, bari biteze ko ari bubibafashemo nk'uko yari abimenyereye. Nyamara buhoro buhoro bagenda barushaho kugira ubwoba. Bamushakashaka ahantu hose muri bagenzi babo bafatanije urugendo, ariko biba iby'ubusa. Bafatwa n'ubwoba kuko bibutse uburyo Herode yashatse kumwica akiri akana gato. Ibitekerezo bibi byuzura imitima yabo. Nuko batangira kwigaya.

Bagaruka i Yerusalemu kugira ngo abe ari ho bamushakira. Bukeye mu gihe bari bivanze n'abasenga mu rusengero, bakururwa n'ijwi bari basanzwe bamenyereye. Nta kwibeshya kwari guhari : nta rindi jwi rimeze nk'irye, ijwi ryumumirije kandi rifite imbaraga n'umwete, kandi riryoheye amatwi rwose.

Babona Yesu mu ishuri ry'abigishamategako. Nubwo bari banezerewe, ntabwo bashoboye kwibagirwa agahinda n'umubabaro bari babanje kugira. Ubwo Yesu yari amaze kubegera nyina ntiyabashije kwibuza kumubwira n'ijwi rimucyaha ngo : « mwana wanjye ni iki cyatumye utugenza utya? Dore njye na so twagushatse dufite umutima uhagaze.» Arabasubiza ati : «Mwanshakiye iki ? Ntimuzi yuko binkwiriye kuba mu rugo rwa Data ?» Kandi kuko batari basobanukiwe n'amagambo ye ni ko gutunga urutoki abereka mu ijuru. Mu maso he harabagirana ubumana, bwigaragariza mu bumuntu bwe. Ubwo bamubonaga mu rusengero yari afitanye ikiganiro n'abigishamategako, kandi abo bari batangajwe n'ibibazo hamwe n'ibisubizo bye. Amagambo ye yabasigiye igitekerezo kidashobora kwibagirana.

Ikibazo cyeye cyarimo isomo ribakwiriye. Ati : “Ntimuzi ko binkwiriye kuba mu rugo rwa Data ?” Yesu yari akurikiye umurimo wamuzanye hano mu isi, ariko Yosefu na Mariya bo bari birengagije inshingano yabo Imana yari yarabahaye. Byari iby’icyubahiro cyinshi Imana yari yarabahaye ibaragiza Umwana wayo. Abamaraika bera bayoboraga imyifatire ya Yosefu ngo ashobore kubungabunga imibereho ya Yesu. Ariko bari barangaye umunsi wose batamuka iryera, kandi batari bakwiye kumwibagirwa n’akanya na gato. Igihunga cyabo gishize, bamugerekaho ikosa ryari rikwiriye kuba iryabo.

Byari ibisanzwe ko Yosefu na Mariya babona Yesu nk’umwana wabo bwite: yahoranaga nabo igihe cyose, kandi ku bintu byose yasaga n’abandi bana; nuko rero kubw’ibyo byari bibakomereye cyane kugira ngo basobanukirwe nuko ari Umwana w’Imana. Bari bari mu ngorane zo kutabasha gushima impano nziza bahawe yo kuba bari kumwe n’Umukiza w’ab’isi. Agahinda ko gutandukana na bo no gucyaha kw’amagambo ya Yesu byari bifite umugambi wo kubagaragariza uburyo babikijwe ubutunzi bwera.

Ku gisubizo yashubije umubyeyi we, Yesu yagaragaje ku nshuro ya mbere ko asobanukiwe neza isano afitanye n’Imana. Mbere yo kuvuka kwe, malayika yari yarabwiye Mariya ati : “Azitwa mukuru, azaba umwana w’Isumba byose, kandi Umwami Imana izamuha intebe y’ubwami bwa sekuruza Dawidi, azima mu nzu ya Yakobo iteka ryose, ubwami bwe ntibuzashira.⁶» Mariya yari yarabitse ayo magambo yose; yizeraga ko umwana we agiye kuzaba Mesiya w’Abisirayeli, ariko ntiyasobanukirwaga n’umurimo we. Muri icyo gihe Mariya ntiyasobanukiwe n’amagambo ya Yesu, ariko yayumvisemo ko Yesu ahakanye isano yose y’umubiri yaba afitanye na Yosefu, ko ahubwo yihamirije ko ari Umwana w’Imana.

Yesu ntabwo yirengagizaga isano afitanye n’ababyeyi be bo ku isi. Avuye i Yerusalemu agarutse imuhira yabafashaga mu mirimo yabo iruhanije abitse mu mutima we ubwiru bw’ubutumwa bwe. Yari ategereje yihanganye igihe gikwiriye cyashyizweho ngo atangire umurimo we. Mu myaka cumi n’umunani yose yakurikiye igihe yavugiye ko ari Umwana w’Imana, yazirikanaga isano afitanye n’umuryango w’i Nazareti, maze agakora imirimo nk’umwana mu rugo, inshuti, umuvandimwe n’umuturage mwiza.

Nyuma y'uko ahishurirwa umurimo we mu rusengero, Yesu yirinze kugirana imishyikirano n'inteko z'abantu. Yifuje kuva i Yerusalemu mu mutuzo ari kumwe gusa n'abazi ubwiru bw'imibereho ye. Binyuze mu murimo wa Pasika, Imana yihatiraga gukura ubwoko bwayo mu maganya y'isi no kubibutsa ibitangaza yakoze ibuvana mu Egiputa. Muri icyo gikorwa, Imana yifuzaga kubereka isezerano ryo kubakura mu byaha. Nk'uko amaraso y'umwana w'intama yarinze amazu y'Abisirayeli, ni nako amaraso ya Kristo agomba gukiza imitima yabo; ariko ako gakiza kabonerwa muri Kristo kagomba kugira umumaro ari uko kubwo kwizera bagize imibereho imeze nk'iyeye. icy'ingenzi rukumbi cyari muri uwo murimo, kwari ukwerekeza abaramya Imana kuri Kristo nk'Umukiza wabo bwite. Imana yifuzaga kubararikira kwiga no kwita kuri ayo magambo, mu buryo bwo gusenga ngo basobanukirwe ubutumwa bwa Kristo. Ariko izo nteko z'abantu zavaga i Yerusalemu, ibirangaza byo mu rugendo n'amasano y'ubucuti, ni byo byabatwaraga umwanya; maze bikabibagiza umurimo wabaga wabajyanye. Nuko rero, Umukiza ntiyashimishwaga no kuba mu nteko imeze ityo.

Yesu wenyine ari kumwe na Yosefu na Mariya, bavuye i Yerusalemu yiyemeje kuyobora ibitekerezo byabo ngo abyerekeze ku buhanuzi bufitanye isano n'imibabaro y'Umukiza. I Kaluvari yageragezaga koroshya imibabaro y'umubyeyi we. Muri icyo gihe na bwo Yesu yamutekerezagaho. Kuko Yesu yari azi ko Mariya azaba ari hafi ye mu ipfa rye, yifuje kumusobanurira neza umurimo we, kugira ngo amukomeze kandi amubashishe kuzihangana igihe inkota izamuhinguranya umutima. Kandi nk'uko Yesu yatandukanye na we akamara iminsi itatu y'umubabaro, ni ko Mariya yajyaga kongera kumubura iminsi itatu ubwo azaba yitambye ibyaha by'abari mu isi. Hanyuma umubabaro we ugasimburwa n'umunezero asohotse mu gituro. Nyamara Mariya yari gushobora kwihanganira imibabaro y'urupfu rwa Yesu iyo aza gusobanukirwa n'Ibyanditswe byera ibyo Yesu yageragezaga gucengeza mu bwenge bwe.

Iyo Yosefu na Mariya bakomeza umushyikirano uhamye n'Imana mu kwiga no gusenga, baba barasobanukiwe na gahunda yera y'ubutunzi babikijwe, bityo ntibakure amaso kuri Yesu. Umunsi umwe w'uburangare wabambuye Umukiza; kugira ngo bamubone, byabasabye iminsi itatu y'agahinda. Natwe ni ko bitugendekera: mu biganiro by'amafuli, kunegurana cyangwa twirengagije gusenga, dushobora kubura mu maso h'Umukiza, maze tukamara iminsi itugoye

tumushaka tutamubona ngo tubashe gutahana amahoro twari twabuze mu mwanya muto.

Mu musabano tugirana n’abandi, dukwiriye kuba maso ngo tutibagirwa Yesu, ngo tudakomeza kugenda mu nzira twenyine, tutazi ko tutari kumwe na we. Iyo duhugijwe n’inyungu z’iby’isi kugeza naho tutagitekereza Uwo ibyiringiro byacu byo kubona ubugingo buhoraho bubonerwamo, tuba twatandukanijwe na Yesu n’abamaraika bo mu ijuru.

Ibyo biremwa byera ntabwo bishobora kuba aho Umukiza atifuzwa aho batamenya ko atari muri bo. Ibi ni byo bisobanura impamvu akenshi cyane habaho gucika intege kw’abavuga ko ari abigishwa ba Kristo.

Hari benshi bajya mu materaniro yo gusenga bagahumurizwa n’Ijambo ry’Imana, ariko ntibakomeze kubitekerezaho bari maso basenga, batakaza imigisha bari babonye maze bakaba abatindi kuruta mbere hose. Bigeza nubwo bibwira ko Imana yabanangiye. Ntibabona ko ikosa ari iryabo. Mu kujya kure ya Yesu bibujije umucyo we.

Byatubera inyungu buri muni kumara isaha twitegereza kandi dutekereza ku mibereho ya Kristo. Byari bikwiriye gutekerezawaho mu buryo burambuye tukagerageza kugarura mu bitekerezo byacu ibyamubayeho byose cyane cyane mu bihe biheruka. Mu gutekereza dutyo ku gitambo cyacu gikomeye twahawe, ibyiringiro byacu muri Kristo birakomezwa, urukundo rwacu rukagwira maze umwuka we ukaducengeramo rwise. Mu kwigira kwihana kandi twicisha bugufi muni y’umusaraba ni byo bizatuma dukizwa.

Dushobora kubera abandi imigisha igihe duhuye nabo. Nituba abakristo by’ukuri, niwe uzaba nyambere mu biganiro byacu byoroheje. Tuzakunda kuba ari we tuvuga; kandi uko tuzajya tunganira urukundo rwe, mu mitima yacu huzuzwa imbaraga y’Imana. Mu kwitegereza ubwiza bw’imico ye, tuzahabwa «ubwiza buruta ubundi kuba bwiza nk’ubw’Umwami w’umwuka.⁷»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 2:41-51.

2. Zaburi 122:2,7.

Yesu Kristo

3. Kuva 12:11.
4. Kuva 12: 31,26,27.
5. Yohana 1:5.
6. Luka 1:32,33. 7. 2 Abakorinto 3:18.

***** ****

9. IBIHE BY'INTAMBARA



Umwana w'Umuyuda, uhereye ku myaka ye ya mbere yabaga agengwa n'amategeko y'abigishamategeko. Amategeko ntavuguruzwa ni yo yagenzuraga ibikorwa bye byose, kugeza ku kantu k'ubusabusa ko mu mibereho ye. Mu masinagogi, abigisha bamenyerezaga urubyiruko amategeko n'udutegeko bitagira ingano, Abayuda bayobotse bagombaga

kuyubahiriza. Ariko ibyo bintu Yesu yabonye nta gaciro bifite. Guhera mu bwana bwe yitandukanije rwose n'ayo mategeko y'abigishamategeko. Ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera ni byo byari isomo rye rya buri gihe, kandi aya magambo ngo : “Uwiteka avuze ngo” ni yo yahoraga yumvikana mu minwa ye.

Igihe yari atangiye kwitegereza imibereho y'abantu, yasanze ko amategeko agenga imibanire y'abantu yahoraga ahanganye n'ay'Imana. Abantu bari bararetse Ijambo ry'Imana maze bakirata inyigisho zabo bwite bihimbiye. Bakomezaga imigenzo y'abakurambere itarangwamo ukuri na guke. Gusenga kwa bo kwari kugizwe n'imihango idafite akamaro; ukuri kwera kwari gufite umugambi wo kubigisha, gusigara guhishwe amaso y'abasenga. Yibonera uburyo nta mahoro aboneka muri iyo mihango itarimo kwizera. Abayuda ntibari bazi umudendeko w'iby'umwuka, bashoboraga guhabwa bakoreye Imana mu kuri. Nk'uwazanywe no kwigisha ubusobanuro bwo gusenga Imana by'ukuri, ntiyashoboraga kwemera urwo rusobekerane rw'amategeko y'abantu avanze n'ay'Imana. Atarwanije amategeko n'imigenzo y'abo bigisha b'ibyatwa, Yesu yashimishijwe no kwisobanura yifashishije Ijambo ry'Imana, iyo babaga bamucyashye kubw'imyifatire ye yoroheje.

Mu buryo bushimwa kandi butarangwamo kwirata, Yesu yihatiraga kunezeza ababaga bamuri iruhande. Kubera ko bari bazi gushimwa no kwitonda bye, abanditsi n’abakuru bibwiraga ko bazashobora kumukuruza inyigisho zabo. Bamuhugurira kwakira imigenzo n’imihango basigiwe n’abigisha ba kera, ariko we akabasaba ibihamya bivanywe mu Byanditswe byera. Kubera ko Yesu yahoraga yiteguye kumva ijambo ryose riva mu kanwa k’Imana, ntiyemeraga kumvira ibihimbano by’abantu. Yesu yagaragazaga ko asobanukiwe n’Ibyanditswe byera byose, maze akabyerekana, uko biri. Abigishamategeko bagize ipfunwe ryo kumva inyigisho z’umwana muto. Bashyigikiraga ko ari bo bonyine bagomba gusobanura Ibyanditswe Byera, kandi ko we agomba kwemera ubusobanuro bwabo batanga gusa. Kutabyemera, byabateye kumurakarira.

Bari bazi ko Ibyanditswe Byera nta ho bitegeka na hamwe iby’imigenzo yabo. Bari bakwiriye kwemera ko imyumvire ya Yesu y’iby’umwuka, isumba iya bo cyane. Ariko barakazwa nuko adaca bugufi ngo yumvire ibyo bamubwira. Badashoboye kumuganza no kumwemeza, bahindukirira Yosefu na Mariya barabivovotera, babereka ko atabemera, babasobanurira ibyo bamunenga n’ibyo bamucyahirira.

Guhera Yesu akiri muto, yatangiye yifatira ibyemezo kugira ngo atunganye imico ye; icyubahiro n’urukundo yagaragarizaga ababyeyi be, ntibyashoboraga kumubuza kumvira Ijambo ry’Imana. “Handitswe ngo” ni yo mpamvu yatangaga igihe cyose yabaga anyuranyije n’imihango isanzwe yo mu rugo. Ariko igitugu cy’abigishamategeko cyatumaga agira ubuzima buruhije. Uhereye mu bwana bwe, Yesu yagombaga kwiga amasomo akomeye cyane yo guceceka no kwihangana.

Abahungu ba Yosefu bafatwaga nk’abavandimwe be, bari mu ruhande rw’abigishamategeko. Bo rero batsindagiraga ko amategeko y’imihango ahabwa agaciro kamwe n’amategeko y’Imana. Amategeko y’abantu bayasumbishaga Ijambo ry’Imana; nyamara Yesu yari azi kugenzura cyane byimbitse no gutandukanya ukuri n’ibinyoma; ibyo byarabashenguraga. Uburyo yitonderaga amategeko y’Imana ashikamye, babyitaga kwinangira. Ubumenyi n’ubwenge yasubirishaga abigishamategeko byarabatunguraga. Bari bazi neza ko atigeze akandagira mu ishuri ry’abanyabwenge, ni yo mpamvu byari ngombwa ko bemera ko uburere yahawe bwarutaga ubwabo. Ntabwo bari bazi kwitegereza ngo bamenye ko yari afite uburenganzira bwo kwegera igiti cy’ubugingo, cyo soko y’ubumenyi birengagije.

Yesu ntabwo yari nyamwigendaho, nyamara yababaje abafarisayo cyane, agaragaza ko yitandukaniye na bo ntiyite ku mategeko yabo atavuguruzwa. Yabonye ko iby'idini babizengurukije inzitiro zitamenwa nkaho byera cyane ku buryo bitagira aho bihurira n'ubuzima bwa buri muni. Nuko Yesu asenya izo nzitiro. Mu magambo ye aganira n'abandi, ntabwo yigeze ababaza ngo : imyizerere yanyu ni iyihe? Muri abo mu rihe dini? Ahubwo yaramburiraga ukuboko k'ubutabazi abantu bose bakeneye ubufasha. Aho kwifungiranira ahantu ha wenyine ngo agaragaze imico y'ab'ijuru, yagiraga umwete wo kugirira abantu neza. Yishingikirizaga kw'iri hame ngo : idini ya Bibliya ntitegeka na gato kubabaza umubiri. Yigishaga ko idini ibonye kandi idafite ikizinga itagarukira ku bihe byategetswe n'iminsi mikuru idasanzwe. Mu bihe byose n'ahantu hose, yitaga ku bantu afite urukundo agakwirakwiza umucyo ahamukikije hose mu butungane. Ibi byose byatumaga bamwemera.! Ibi byerekana yuko idini itagizwe no kwikunda kandi ko umwete babigiragamo kubw'inyungu zabo, bidafitanye isano no gutungana nyakuri. Ibi byabyutsaga urwango hagati ye n'abashakaga cyane kumuhatira kugendera mu mategeko yabo.

Yesu yihatiraga koroshya uburibwe bwose yabonana abantu. Yari afite udufaranga duke cyane, nyamara akenshi habaga ubwo yibuzaga kurya kugira ngo abone uko atabara abagaragara ko bamurushije ubukene. Abavandimwe be babonaga ko imyifatire ye ikomeye iyabo mu nkokora. Yari afite ubuhanga butabashaga kugirwa n'umwe muri bo, kandi nta nubwo bifuzaga no kubugira. Iyo babwiraga abakene boroheje hanyuma y'abandi amagambo akakaye, Yesu yajyaga kubashaka ngo abagezeho amagambo yo kubakomeza no kubahumuriza. Imbabare yazihaga igikombe cy'amazi afutse maze agashyira igaburo rye mu biganza byabo. Mu gihe yoroshyaga imibabaro yabo, ukuri yigishaga n'ibikorwa by'imbabazi, byiyandikaga mu bwenge bwabo ku buryo bidashobora gusibangana.

Ibyo byose byababazaga abavandimwe be. Kuko barutaga Yesu ubukuru, bumvaga ko bafite uburengeranzira bwo kumutegeka. Bamuregaga ko ashaka kubasumba, bakanamurega ko na none ashaka gusumba abigisha babo, abatambyi, n'abategeka bakuru b'ubwoko bwabo. Kenshi na kenshi baramutotezaga kandi bakagerageza kumukangara, akicira ku ruhande akagenda ayobowe n'Ijambo ry'Imana.

Yesu yakundaga abavandimwe be kandi, akanabagaragariza ubugwaneza butagereranywa, nyamara bagiraga ishyari kandi bakagaragaza kutizera kwabo n'agasuzuguro kabo. Ntabwo bumvaga na gato imyifatire ye. Babonaga ihabanye cyane n'iya bo. Icyarimwe yari umwana w'ijuru w'Imana akaba n'umwana udafite kirengera. Umuremyi w'amasi, nyiri iyi si yacu, buri ntambwe yose yateraga yabaga azengurutse n'ubukene. Yari afite icyubahiro n'ubumuntu bitaranganwa agasuzuguro na gato cyangwa kwishyira hejuru kose, nta na rimwe yigeze yifuza ubutunzi bw'isi. Yabaga anyuzwe n'imibereho iciye bugufi. Ibyo byarakazaga abavandimwe be cyane kuko batashoboraga gusobanukirwa n'uburyo ahorana amahoro kandi ari mu bigeragezo ndetse n'ubukene. Ntabwo bigeze bamenya ko yahindutse "Umukene" kugira ngo ubukene bwe bubatungishe¹". Na none kandi abavandimwe be ntibashoboraga gusobanukirwa n'ubwiru bw'umurimo we nkuko inshuti za Yobu zitashoboye gusobanukirwa ugucishwa bugufi n'imibabaro bye.

Bene se wa Yesu ntibamusobanukirwaga kuko atari ameze nkabo. Icy'ishingiro kuri we, si cyo cyari ishingiro kuri bo. Kubera guhanga abantu amaso, bateye Imana umugongo; maze imbaraga zayo ntizaba zikigaragara mu mibereho yabo. Imihango y'iby'idini baziririzaga, ntiyashoboraga guhindura imico yabo. Batangaga kimwe mu icumi cy'isogi n'anisi na kumino" ariko bakirengagiza "amagambo akomeye yo mu mategeko, ari yo kutabera n'imbabazi no kwizera."² Urugero rwa Yesu, iteka ryose, rwababereye isoko idakama yo kurakara. Mu bibaho byose, Yesu yangaga ikintu kimwe: ni icyaha; "ntabwo yahagararaga ahantu hakorerwa ikintu cyo gukiranirwa atabuze kugaragaza agahinda. Hagati y'abiyobagiza, bahisha gukunda icyaha mu mwambaro wo kwera n'imico yuzuwemo no kugaragaza icyubahiro cy'Imana, hari itandukaniro rihanitse. Kubera ko imyifatire ya Yesu yaciraga ikibi ho iteka, yarwanywaga n'abo mu rugo ndetse n'abo hanze. Kugira ubuntu kwe, ndetse no gutungana kwe babigiraga ibishungero. Kwihangana n'ubuntu bye, babisekaga nkaho ari ikimenyetso cy'ubugwari.

Imibabaro yose ibasha kugera ku bantu, Yesu yayinyuzemo. Bashoboraga kumukerensa kubw'uko yavutse, ndetse no mu bwana bwe byabaye ngombwa kwihanganira indoro ikobana n'ibyangorero bikarishye. Ntaba yaraturereye icyitegererezo iyo aza kugaragaza ko ananiwe cyangwa se atabasha kwihangana cyangwa se iyo aza kugaragariza abavandimwe be igikorwa cyo gukiranirwa naho cyaba gito cyane. Ntiyari gushobora gusohoza inama y'agakiza. Satani iyo aza

kubona urwitwazo rw'icyaha naho rwaba ruto gusa, yari kuba atsinze, maze abatuye isi bakarimbuka. Iyo ni yo mpamvu satani yahoraga akora uko ashoboye kose ngo imibereho ya Yesu ayinanize; kuko yibwiraga ko ibyo byamucumiza.

Nyamara ariko, kuri buri gikorwa cyose, igisubizo cya Yesu cyari iki ngo: “handitswe ngo”. Rimwe na rimwe Yesu yacyahaga abavandimwe be iyo bavugaga nabi; nyamara iminsi yose yabaga abafitiye Ijambo ry’Imana. Ibihe byinshi bamwitaga ikigwari kuko yangaga kwifatanya n’abavandimwe be, igihe babaga bakora ibibuzanijwe, igisubizo yakundaga kubaha nticyahindukaga cyari iki ngo: “Handitswe ngo”. “Kubaha Uwiteka ni bwo bwenge kandi kuva mu byaha ni ko kujijuka³”.

Bamwe bifuzaga kubana na we kuko bumvaga bari mu mahoro bari kumwe na we, abandi baramwihunzaga kuko bumvaga badashimishijwe n’imibereho itagira inenge. Inshuti ze z’abasore zamurarikiraga kubigana. Yari akeye kandi yishimye, byatumaga bashimishwa no kujya kumureba; bakumva inama ze banezerewe; ariko imibereho ye no kubonera kwe byarabambiraga; babonaga adafite ubwisanzure bakibwira ko bitamuhesheje amahoro. Yesu akabasubiza ati: handitswe ngo: “Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kwitonda nkuko ijamba ryawe ritegeka.” “Nabikiye ijamba ryawe mu mutima wanjye kugira ngo ntagucumuraho.”⁴

Bakundaga kumubaza bati: “kuki ushaka kwigira nyamwigendaho, ukitandukanya natwe? Agasubiza ko handitswe ngo “ Hahirwa abagenda batunganye, bakagenda mu mategeko y’Uwiteka. Hahirwa abitondera ibyo yahamije, bakamushakisha umutima wose. Ni koko nta cy’ubugoryi bakora, bagendera mu nzira ze⁵!”.

Igihe bamubazaga impamvu adafatanye n’urubyiruko rw’i Nazareti mu bikino byabo, yabasubizaga ko handitswe ngo: «nzajya nishimira inzira y’ibyo wahamije, nyihwanye n’ubutunzi bwose. Nzibwira amategeko wigishije, kandi nzita ku nzira zawe. Nzishimira amategeko wandikishije, sinzibagirwa ijamba ryawe.»⁶

Yesu ntabwo yisobanuraga ngo arwanire uburenganzira bwe afite ubukana. Ibihe byinshi umurimo we wabaga uruhije cyane kuruta uko bikwiriye, kubera ko atagiraga uwo ahakanira cyangwa se ngo amwivovotere. Nyamara ntiyacikaga

inteye, ntabwo yemeraga gutentebuka. Yabaga hejuru y’ingorane ze, agahorana umucyo mu maso y’Imana. Aho kwihorera igihe bamugiriye nabi, yihanganiraga igitutsi cyose bamututse.

Ntibahwemaga kumubaza bati: Kuki wemerera abavandimwe bawe kukugirira nabi? Agasubiza ko handitswe ngo “ Mwana wanjye ntukibagirwe ibyigisho byanjye, ahubwo umutima wawe ukomeze amategako yanjye; kuko bizakungurira imyaka myinshi y’ubugingo bwawe, ukazarama ndetse ukagira n’amahoro. Imbabazi n’umurava bye kukuvaho, ubyambare mu ijosi; ubyandike ku nkingi z’umutima wawe. Nibwo uzagira umugisha n’ubwenge nyakuri; mu maso y’Imana n’abantu⁷.”

Uhereye igihe ababyeyi be bamusanze mu rusengero, imyifatire ye yababereye ubwiru. Yirindaga kujya impaka, nyamara icyitegererezo cye cyari isomo rihoraho. Yasaga n’uri ku ruhande. Umunezero we w’ingenzi wari uwo kwibanira n’Imana, ari wenyine mu byaremwe. Uko yabonaga uburyo, yihunzaga aho asanzwe akorera, akajya mu mirima; akigira mu mibande itoshye; agasogongera gushyikirana n’Imana ari mu mabanga y’imisozi cyangwa se ari mu ishyamba ry’ibiti by’inganzamarumbo. Akenshi bashoboraga kumubona ari wenyine mu gihe cya mu gitondo asenga, asoma ibyanditswe byera. Yarangiza ayo masaha atuje agasubira mu rugo gukomeza imirimo ye, kandi mu murimo yari icyitegererezo cyo kwihangana.

Imibereho ya Kristo yarangwaga no kubaha n’urukundo yagaragarizaga umubyeyi we. Mariya yizeraga mu mutima we ko Umwana wera yabyaye ariwe Mesiya wazezeranywe uhereye mbere na mbere, nyamara Mariya ntiyatinyukaga kugaragaza ukwizera kwe. Yasangiye n’uwo muhungu imibabaro yose yagize, igihe cyose yari hano ku isi. Mariya yabaye umuhamya ku bigeragezo Yesu yahuye na byo mu bwana bwe ndetse no mu busore bwe. Habaga nubwo Mariya yishyira mu ngorane, kugira ngo ashyigikire imyitwarire ye yari asanzwe azi ko itunganye. Yari azi ko amasano yo mu muryango n’imigenzereze myiza ndetse no kuba maso bya kibyezi bifite agaciro kanini mu kuboneza imico y’Umwana. Kubw’ibyo, abahungu n’abakobwa ba Yosefu bihatiraga kumuburabuza bashaka kumutera gushyira Yesu mu murungo umwe nk’uwabo.

Ibihe byinshi Mariya yajyaga acyaha Yesu, amuhatira gukurikiza imigenzo y'abigishamategeko. Nyamara nta kintu na kimwe cyashoboraga kumutera guhindura imico ye ngo kube cyabasha kumubuza kwitegereza imirimo y'Imana no gushaka korohereza ububabare bw'abantu ndetse n'ubw'amatungo. Mariya yahagaritse umutima cyane igihe abatambyi n'abigisha bamusabye kubafasha ngo atume Yesu yemera kujya muni y'ubuyobozi bwabo; umutima we wongeye kubona amahoro ari uko Yesu asobanurishije imyifatire ye Ibyanditswe byera.

Rimwe na rimwe habaga ubwo Mariya ashidikanya ibya Yesu na bene se; kuko bene se batizeraga ko yavuye ku Mana. Nyamara rwose nta gushidikanya, Yesu yari afite kamere y'ubumana. Yabonaga ukuntu yitangira gukorera abandi ibyiza. Iyo Yesu yabaga ari mu rugo, wasangaga hari umwuka mwiza. Imibereho ye mu muriyango yakoraga nk'umusemburo. Intungane itagira ikizinda, Yesu yari atuye mu bantu b'intabikangwa, akagendera mu bantu b'abirasi batagira ikinyabupfura, akabana n'abakoresha b'ikoro b'abanyabyaha, n'abantu b'ibirara bahubuka, n'Abasamaliya n'abasirikari b'abapagani na rubanda rwose rwa mvahe na njahe. Hirya no hino Yesu yumvikanishaga amagambo y'impuhwe abonye abantu bananiwe kandi barushye bashengurwa n'imitwari iremereye cyane. Yabakiraga iyo mitwari maze agasubira mu masomo yigiye mu byaremwe, avuga iby'urukundo, kugira neza, ndetse n'ubuntu bw'Imana.

Yigishaga abantu bose ko bakwiriye kwibonamo ko bahawe impano z'igiciro cyinshi, kandi ko kuzikoresha neza bizababesha ubutunzi bw'iteka ryose. Yirukanaga inariye yose yo mu mibereho kandi kuby'icyitegererezo cye, yerekanaga ko igihe cyose gifite ingaruka nini z'iteka ryose; kandi ko gikwiriye gukoreshwa nk'ubutunzi; kigakoreshwa mu mirimo yera. Nta muntu n'umwe ukwiriye gufatwa nk'insuzugurwa; ku mutima wose Yesu yatangaga umuti w'agakiza. Yesu aho yabaga ari hose yatangaga icyigisho gihwanye n'icyo gihe n'uko hameze. Yihatiraga cyane kugeza ibyiringiro ku bantu barusha abandi ubugome, batagize icyo batagerejweho, akabamenyesha ko bakwiye kuba beza kandi boroheje; maze bakakira imico ihamya ko ari abana b'Imana. Akenshi yahuraga n'abantu baguye mu mitego y'ubutware bwa satani, bamwe babonaga batagishoboye kuyikuramo. Abantu bameze batyo, baciye intege b'indembe, bageragezwa ndetse baguye, Yesu yababwiraga amagambo yuje urukundo

n'impuhwe, amagambo avuzwe mu gihe gikwiriye bashoboraga kumva neza. Na none kandi yahuraga n'abari ku rugamba barwana n'umwanzi w'imitima. Yabateraga umwete ngo bihangane, akabereka ko abamarayika babakikije impande zose kugira ngo babatere kunesha. Abo yabaga afashije muri ubwo buryo bemeraga rwose ko bamufitiye icyizere, kandi ko adashobora kuzamena amabanga yabikijwe mu gutwi kwe kw'imbabazi.

Yesu yakizaga umubiri ndetse n'umutima. Yitaga ku buribwe bwose, kandi umutima wose ushavura yarawuhumurizaga. Amagambo ye y'urukundo yari ameze nk'amavuta yomora. Bashoboraga kuvuga ko ari nk'igitangaza gikozwe; igihe cyose urukundo cyangwa ubushobozi bukiza bwagaragazwaga n'urukundo, bwavaga muri we bukagera ku murwayi cyangwa se uri mu kaga uwo ari we wese. Uko ni ko yakoraga mu buryo butagagaragara, agirira neza abantu; ibyo byahereye mu bwana bwe. Ni yo mpamvu bamutegaga amatwi n'umutima ukunze igihe yari amaze gutangira umurimo we.

Nyamara, bikwiriye kumenyekana rwose ko Yesu, uhereye mu bwana bwe, mu bugimbi bwe, ukagera abaye umugabo yakundaga kwibera wenyine. Mu butungane bwe no kumvira kwe, yengeye mu muvure wenyine, nta waje kumufasha. Yikoreye umutwaro uremereye wo kuzanira abantu agakiza. Yari azi neza ko hatabayeho ihinduka rigaragara ku mahame no ku ntego, bene muntu bose bari barimbutse. Ibyo byashenguraga umutima we kandi nta muntu n'umwe washoboraga gutekereza uburyo uwo mutwaro umuvuna. Nuko yuzuye ubushake bugurumana nk'umuriro, akomeza intego y'imibereho ye, ari yo kuba umucyo uvira abantu.

1. 2 Abakorinto 8:9.
2. Matayo 23:23.
3. Yobu 28:28.
4. Zaburi 119:9,11.
5. Zaburi 119:1-3.
6. Zaburi 119:14-16.
7. Imigani 3:1-4.

*** *** ***

10. IJWI RY'URANGURURIRA MU BUTAYU



Integuza ya Kristo yakomotse mu bantu biringirwa b'abisiraeli bari bategereje igihe kirekire kuza kwa Mesiya¹. Umutambyi mukuru w'umusaza witwaga Zakariya n'umugore we Elizabeti «bombi bari abakiranutsi imbere y'Imana». Mu mibereho yabo ituje kandi yera,

umucyo w'ibyiringiro wamurikaga umeze nk'inyenyeri yakira mu mwijima muri icyo gihe cyononekaye. Uwo muryango wubaha Imana uhabwa isezerano ryo kuzahabwa umuhungu «uzagenda imbere y'Umwami Imana, kugira ngo ategure inzira ze.»

Zakariya yari atuye mu misozi y'i Buyuda : «ariko azamuka i Yerusalemu, ngo akorere mu rusengero kumara icyumweru. Umurimo wakorwaga kabiri mu mwaka n'abatambyi ba buri muryango. “Nuko mu murimo we w'ubutambyi imbere y'Imana umuryango we wari utahiwe, ubufindo buramufata, nk'uko gahunda y'ubutambyi yari iri, ngo ajye mu rusengero rw'Uwiteka kosa imibavu.”

Yari ahagaze imbere y'icyotero cy'imibavu cya zahabu ahera h'ubuturo bwera. Umwotsi w'umubavu wazamukanaga amasengesho ya Isirayeli, bijya imbere y'Imana. Mu kanya gato yumva Imana imuri iruhande. Maze malayika w'Imana amubonekera “ahagaze iburyo bw'igicaniro cy'imibavu.” Kuba malayika yarahagaze muri urwo ruhande byagaragazaga imigisha, ariko Zakariya we ntiyabisobanukirwa. Mu myaka myinshi amasengesho ya Zakariya yabaga yerekeje ku kuza k'Umucunguzi, noneho ijuru ryohereza intumwa ngo imubwire ko amasengesho ye agiye gusubizwa; ariko ntiyashobora kwiringira ubwo buntu

bungana butyo buvuye ku Mana. Yagize ubwoba maze yiyumvamo ko aciriweho iteka.

Ayo magambo aza kumuhumuriza ngo: “witinya Zakariya, kuko ibyo wasabye byumviswe.” Umugore wawe Elizabeti azabyara umuhungu uzamwite Yohana. Azakubera umunezero n’ibyishimo, kandi benshi bazanezererwa ukuvuka kwe. Kuko azaba mukuru imbere y’Umwami Imana. Ntazanywa vino cyangwa igisindisha cyose kandi azuzuzwa Umwuka wera. Benshi mu Bisiraeli azabahindurira ku Mwami Imana yabo; azagenda imbere yayo mu mbaraga no mu mwuka bya Eliya, asanganya imitima y’abana n’iya ba se, n’abatumvira Imana azabayobora mu bwenge bw’abakiranutsi, ngo ategurire Umwami Mana ubwoko bwatoranyijwe. Zakariya abaza maraika ati : “Ibyo nzabibwirwa n’iki? Ko ndi umusaza n’umugore wanjye akaba ari umukecuru?”

Zakariya yari azi ko Aburahamu yahawe umwana ubwo yari mu zabukuru kuko yizeraga ko Uwamuhaye iryo sezerano ari uwo kwiringirwa. Ariko muri uyu mwanya uyu mutambyi w’umusaza ibye abihanga ku ntege nke za kimuntu. Yibagirwa ko Imana ishobora gusohozza ibyo yasezeranije. Mbega itandukaniro riri hagati y’uko gushidikanya n’ukwizera k’umwana muto Mariya umwari w’i Nazareti, wamenyeshejwe na malayika ibitangaje, maze agasubiza ati : “Dore ndi umuja w’Umwami Imana, bimbere nk’uko uvuze².”

Ukuvuka k’umuhungu wa Zakariya kimwe n’uk’umuhungu w’Aburahamu n’uk’umuhungu wa Mariya bikubiyemo isezerano rikomeye mu by’umwuka, dutinda kwemera ahubwo tukihutira kuryibagirwa. Kubw’imbaraga zacu bwite nta bushobozi dufite bwo gukora icyiza na gito, ariko ibyo tudashobora gukora, imbaraga ikomeye y’Imana izabisohozza mu mutima wumvira kandi wizera. Kwizera ni ko kwatumye umwana w’isezerano aboneka. Na none kandi kwizera ni ko gutuma imibereho y’iby’umwuka ibaho, maze kandi tugashobora gukora imirimo yo gukiranuka.

Mu gusubiza ikibazo cya Zakariya, malayika yaravuze ati : “Ndi Gabrieli uhagarara imbere y’Imana. Kandi natumwe kuvugana nawe, ngo nkubwire ubwo butumwa bwiza.” Mu myaka magana atanu yari ishize, Gabrieli yari yaramenyeshije Daniel igihe cya gihanuzi cyagombaga kubaho kugeza ku kuza kwa Mesiya. Zakariya ngo amenye ko icyo gihe kiri hafi gushira yumva ahatirwa

gusengera kuza kwa Mesiya. None dore intumwa yari yazaniye Danieli ubwo buhanuzi ni yo na none ije kuvuga ugusohora kwa bwo.

Amagambo ya malayika ngo : “Ndi Gabrieli uhagarara imbere y’Imana”, agaragaza ko yari afite umwanya w’icyubahiro mu bikari byo mu ijuru. Umunsi umwe ubwo yiyerekaga Daniel amuzaniye ubutumwa, yaravuze ati: “Nta wundi dufatanije kurwanya abanzi bakomeye, uretse Mikaeli umutware wanyu.³” Umukiza aba avuga Gabriel mu Byahishuwe iyo avuga ko “byahishuwe na Yesu Kristo, agatuma malaika we, nawe akabimenyesha imbata ye Yohana⁴.” Kandi uwo malayika na we yabwiye Yohana ati : “Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene so bafite guhamya kwa Yesu.⁵” Igitekerezo gihebuje: ni we maraika ukurikira Umwana w’Imana mu ntera, kandi ni we watoranijwe kugira ngo ahishurire abanyabyaha imigambi y’Imana”.

Kubera ko Zakariya yashidikanije amagambo ya malayika, yari agiye kuba ikiragi kugeza aho ibyo bizasohorera. Malayika yaramubwiye ati : “Dore uragobwa ururimi kandi ntuzabasha kuvuga kugeza umunsi ibyo bizasohorera mu gihe cyabyo.” Umutambyi wakoraga uwo murimo yasabwaga gusenga ngo asabe imbabazi z’ibyaha rusange n’iz’igihugu cyose, kandi agasaba kuza kwa Mesiya; ubwo Zakariya yageragezaga kubikora nta jambo na rimwe yashoboye kuvuga.

Asohotse guhesha umugisha ubwo bwoko “ Akajya abacira amarenga, akomeza kuba ikiragi.” Bategereje igihe kirekire, batangira gutinya ko yaba yahanwe n’Imana. Ariko ubwo yasohokaga ahera, mu maso he harabagiranaga ubwiza bw’Imana “ Bamenya ko hari icyo yerekewe mu masengesho”. Nuko Zakariya abamenyesha ibyo yabonye n’ibyo yumvise. Hanyuma “iminsi y’imirimo ye ishize asubira iwe”.

Umwana wasezeranywe akimara kuvuka, ururimi rwa se ruhita rugobodoka. “Aravuga, ashima Imana. Abaturanyi bose baterwa n’ubwoba, ibyo byose byamamara mu misozi y’i Buyuda yose. Ababyumvise bose babishyira mu mitima yabo bati: mbese uyu mwana azaba iki?” Ibi byose byari bifite umugambi wo gukeburira abantu kwibaza ukuza kwa Mesiya uko Yohana yari azanywe no

gutegura. Umwuka wera aza kuri Zakariya maze amushyiramo ariya magambo meza ayo yakoresheje avuga bitaraba inshingano y'umuhungu we, agira ati :

“Kandi nawe mwana muto, witwa umuhanuzi w'Isumba byose; kuko uzabanziriza Umwami ngo utunganye inzira ze, no kumenyesha abantu be iby'agakiza ko ari ukubabarirwa ibyaha byabo, kubw'umutima w'imbabazi w'Imana yacu. Ni wo uzatuma umuseke udutambikira uvuye mu ijuru. Ukanamurikira abicaye mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu, no kuyobora ibirenge byacu mu nzira y'amahoro.”

“Uwo mwana arakura, agwiza imbaraga z'umutima. Aguma mu butayu kugeza umunsi yerekeweho Abisirayeli.” Malayika ubwo yavugaga ivuka rya Yohana, yaragize ati : “Nuko azaba mukuru imbere y'Umwami Imana. Ntazanywa vino cyangwa igisindisha cyose kandi azuzuzwa Umwuka wera.” Umuhungu wa Zakariya yari yarahamagariwe umurimo ukomeye, ndetse umurimo ukomeye cyane Imana itari yarigeze iha undi. Kugira ngo uwo murimo usohozwe, ubufatanye n'umwami Imana byari ngombwa. Kandi Umwuka w'Imana ntabwo wari kuzamuvaho igihe cyose amabwiriza ya Malayika akurikijwe.

Yohana, intumwa ya Yehova izanira abantu umucyo uvuye ku Mana. Kubera we ibitekerezo bifata icyerekezo gishyashya. Yerekana ukwera kw'amategoko y'Imana n'uburyo hakenewe gukiranuka gukomeye kuva ku Mana. Intumwa nk'iyi yagombaga kuba iyera. Umwuka w'Imana wagombaga gutura muri we nko mu rusengero. Kurangiza inshingano nk'iyi bisaba umubiri ufite amagara mazima n'imbaraga z'ubwenge ndetse n'iz'iby'umwuka. Akwiriye kumenya kwitegeka mu mirire no gutegeka irari rye, kandi agashobora kwitegeka rwose we ubwe, ku buryo ibimugwirira bimukikije bimugeraho bikamusiga ashikamye nk'ibitare n'imisozi byo mu butayu.

Mu gihe cya Yohana Umubatiza, muri rusange abantu babaga bafite inyota y'ubutunzi bagakunda ubukire no kudamarara. Umunezero w'ibiyumviro ibirori n'ibinyobwa byateraga umubiri kurwara no gusigingira, byijimishaga ubwenge bw'iby'umwuka kandi bigaca intege imbaraga zirwanya icyaha. Yohana yagombaga guhaguruka ameze nk'umugorizi. Ubuzima bwe bwo kwifata n'umwambaro we woroheje byagombaga guciraho iteka gukabya ko muri icyo gihe. Nicyo cyatumye ababyeyi ba Yohana bahabwa amabwiriza, isomo ryo kwirinda ryatanzwe na malayika wari uvuye hafi y'intebe y'ubwami mu ijuru.

Mu bwana bwe ndetse no mu mabyiruka ye, imico ye yari itangaje cyane. icyo nicyo gihe haba hakwiriye gutangira ukwitegeka. Iruhande rw’umuriro, no ku meza mu muryango hakurwa imbaraga kandi ingaruka yazo igumaho iteka ryose. Uretse impano za kavukire, imico yakirwa mu myaka ya mbere y’ubuzima yerekana niba umuntu azaba umugabo agatsinda ku rugamba rwo mu buzima cyangwa se agatsindwa. Amabyiruka ni cyo gihe cyo kubiba imbuto. Ni cyo kigaragaza uko umusaruro umeze mu mibereho y’ako kanya ndetse n’iy’ahazaza.

Yohana nk’umuhanuzi yagombaga “gusanganya imitima y’abana n’iya ba se, n’abatwira Imana akabayobora mu bwenge bw’abakiranutsi” kugira ngo “ategure ubwoko bwatoranyirijwe Umwami.” Mu gutegurira abantu kuza kwa mbere kwa Kristo yagereranyaga abantu bazahabwa inshingano yo gutegura ubwoko ngo bwitegure ukuza kwa kabiri k’Umwami wacu. Iyi si yitaye mu byo kwihugiraho gusa. Ibinyoma n’imigani y’abakecuru biragwiriye. Satani ari kungikanya imitego ye kugira ngo atsembe imitima. Abantu bose bifuza kurangiza ukwezwaga kwabo bubaha Imana, bagomba kwiga amasomo yo kwirinda no kwitegeka. Imirire mibi n’irari bikwiriye gusimbuzwa imico myiza iboneye y’iby’umwuka. Kwigenzura umuntu ku giti cye birakenewe ngo abone imbaraga z’ubwenge no kugenzura iby’umwuka bimushoboza kumva no gushyira mu bikorwa ukuri kwera kw’ijambo ry’Imana. Iyo ni yo mpamvu ituma kwirinda bibona umwanya wabyo mu murimo wo kwitegura kuza kwa kabiri kwa Kristo.

Hakurikijwe amategeko asanzwe agenga ibintu, umuhungu wa Zakariya yagombaga gutegurirwa umurimo w’ubutambyi. Ariko inyigisho zitangirwa mu mashuri y’abigishamategereye zari kumubuza gukora umurimo wari umutegereje. Imana ntabwo yamwohereje ku bigisha b’iby’iyobokamana, kugira ngo ahigire gusobanura ibyanditswe byera. Ahubwo imujyana mu butayu kugira ngo ahamenyere ibyaremwe n’Imana yabiremye.

Yitoranyiriza kwiturira mu kidaturwa cya wenyine mu misozi itera, n’imikokwe mibi n’imyobo y’ibitare. Ku cyemezo cye bwite, aho guhitamo umunezero n’ubukire mu by’ubu buzima, yishimira imibereho iruhije yo mu butayu. Ibintu byose byari bimukikije byoroheje imibereho ye yo kwicisha bugufi

no kwiyinga. Nta guterwa ubwoba n'impuha z'abantu, yashoboraga kwiga amasomo y'ibyaremwe n'ayo guhishurirwa, n'ayo kumenya imbaraga ikomeye y'Imana. Amagambo malayika yabwiye Zakariya igihe kinini Yohana yayasubirirwagamo n'ababyeyi be b'abakiranutsi. Umurimo we yari yarawubwiwe guhera mu buto bwe, kandi yari yaremeye ubwo butunzi bwera.

Kuba wenyine mu butayu byamubashishije kuba kure y'abo bantu bari baramazwe n'urwikekwe, ukutizera no kuba batera. Yiyumvagamo ko uburyo bwe bwite bwo guhangana n'ibigeragezo budahagije niko guhunga ibyamutera gushyikirana n'icyaha kubera gutinya ko yabura umugambi w'imico ye kubw'icyaha.

Yohana yerejwe Umwami Imana akivuka; nk'umunyanazareti, azaba indahemuka ku muhigo we mu mibereho ye yose. Nk'uko abahanuzi ba kera bari bameze, Yohana yari yambaye umwambaro w'ubwoya bw'ingamiya awukenyeje umushumi w'uruhu. Yatugwaga n'inzige n'ubuki bw'ubuhura, yabonaga mu butayu kandi akanywa n'amazi y'urubogobogo yamanukaga mu musozi.

Nyamara mu mibereho ya Yohana, ntabwo yiberaga mu bwebwe, yigunze mu kidaturwa cya wenyine kandi gicuze umwijima. Rimwe na rimwe yarasohokaga akivanga n'inteko y'abantu. Yiturije, yitegerezaga ibibera muri bo. Yibereye mu buturo bwe butuje, yakurikiranaga uko ibihe bihita. Amurikiwe n'Umwuka w'Imana, yigaga imico y'abantu kugira ngo abone uko azashobora kugeza ubutumwa buvuye mu ijuru ku mitima yabo. Umutwaro w'umurimo we wari umuremereye. Muri icyo kidaturwa yarigaga kandi agasenga, ategurira umutima we umurimo wari umutegereje.

Nubwo yari yaratandukanijwe n'abandi bantu, na we yahuraga n'imiraba n'ibishuko by'umwanzi. Nk'uko byari muri we, yafunze inzira zose umwanzi satani yashoboraga kwinjiriramo. Uburyo yari azi kugenzura neza iby'umwuka, imico ye yamaramaje ishikamye. Ubufasha bw'Umwuka wera bwamumenyeshaga ko satani amwegereye maze bikamubashisha gutsinda imbaraga z'umwanzi.

Ubutayu Yohana yabugize ishuri rye n'ubuturo bwe bwera. Nk'uko imisozi y' i Midiani yari imereye Mose, Yohana yishimiraga kubana n'Imana kandi akabona ibimenyetso by'ubushobozi bwayo.

Ntabwo yari yarahawe gutura mu cyubahiro cy'iyoy misozi y'ubutayu, nk'uko byagendekye umuyobozi mukuru wa Isiraeli; ariko imbere ye, hakurya ya Yorodani yahabonaga imisozi miremire, yamwerekaga uwashinze imisozi kandi akayambika imbaraga. Imiterere y'urwiji kandi iteye ubwoba y'ikidaturwa aho yari yaragize ubuturo bwe, yamuhaga isura nyakuri y'imibereho y'Abisirayeli.

Uruzabibu rurumbuka rw'Uwiteka rwari rwarahindutse ikidaturwa cy'umusaka. Ariko hejuru y'ubwo butayu, ijuru ryagaragaraga ari ryiza kandi rifite umucyo. Ibicu byari bikorakoranye kandi birimo umugaru, byarimo umukororombya w'isezerano. Ni nako hejuru y'Isirayeli yari yarononekaye, harabagiranaga icyubahiro cyasezeranywe cy'ubwami bwa Mesiya. Ibicu by'umujinya byari biherekejwe n'umukororombya w'isezerano ry'imbabazi.

Wenyine, mu ijoro rituje, Yohana yasomaga isezerano Imana yahaye Aburahamu ko urubyaro rwe ruzahwana n'inyenyeri. Iyo umuseke watambikaga ku misozi y i Moabu, yatekerezaga ko ugereranywa “n'umuseke utambitse w'izuba rirashe,” “n'igitondo kitagira igicu.”⁶ Ku manywa y'ihangu yashimishwaga n'ubwiza bw'umucyo w'izuba bikamwumvisha igihe “icyubahiro cy'Uwiteka kizahishurwa, kandi abantu bazakibonera rimwe.”⁷ N'ubwoba bwinshi nyamara yuzuye umunezero yasomaga mu mizingo y'ubuhanuzi, ibyahishuraga kuza kwa Mesiya. Urubyaro rwasezeranywe ruzamenagura umutwe w'inzoka; Umwami w'amahoro wagombaga kuza mu muryango wa Dawidi utarashira. Noneho rero igihe cyari kigeze. Umutegeka w'Umurama yari asigaye acira imanza mu ngozo yo ku musozi wa Sioni. Nk'uko amagambo y'Umwami Imana ari ay'ukuri, Kristo yari amaze kuvuka.

Ku manywa na nijoro Yohana yigaga mu gitabo cy'umuhanuzi Yesaya, amapica yavugaga icyubahiro cya Mesiya: ishamba ry'igishyitsi cya Yesaya Umwami wo gukiranuka uzaberaho “gucira abakene imanza zitabera, n'abagwaneza bo mu isi”; Kandi azaba ari “nk'aho kwikinga ubwugamo bw'umugaru, umuyaga n'igicucu cy'igitare kinini mu gihugu kirushya”. Kubera we, Sioni ntizongera kwitwa “Umwirare”, ahubwo izitwa “inkundwakazi” n'igihugu cyawe kizitwa “uwashyingingiwe”. Nuko umutima w'impunzi yari yonyine wari wuzuwemo n'iyerekwa rihebuje.

Yitegereza Umwami mu bwiza bwe, niko kwibagirwa inarinjye. Gukomera ko kwera guhebuje gutuma yumva ko nta cyo ari cyo kandi ko nta cyo ashoboye. Yari yiteguye kugenda ari intumwa y'ijuru, ntiyigera ashidikanya kuby'ubumuntu kuko yari yarabutswe Imana. Abasha guhagarara ashikamye adafite ubwoba, imbere y'ibikomangoma byo ku isi, kuko yari yibereye imbere y'Umwami w'abami.

Yohana yari atarasobanukirwa neza imiterere y'ubwami bwa Mesiya. Yari ategereje ko Isirayeli yakurwa mu maboko y'abanzi babo, kandi kuza k'umwami wo gukiranuka, gushyirwaho kwa Isiraeli, n'ukw'ishyanga ryera, ngaho aho ibyiringiro bye byari bishingiye. Yibwiraga ko muri ubwo buryo ari ho ubuhanuzi bwatanzwe mu ivuka rye, buzasohozwa.

“Bityo ... yibuka isezerano rye ryera Bityo amaze kudukiza amaboko y'abanzi bacu, aduha ubushobozi bwo kumuramya tudafite ubwoba mu kwera no gukiranuka imbere ye, mu mibereho yacu yose.”

Abonye ko ubwoko bwe bwibeshye, bukiyiringira ubwabwo kandi businziriyeye mu byaha, yifuza kubakangurira kugira imibereho irushaho kwera. Ubutumwa yari yarahawe n'Imana bwari bugendereye kubakura mu bitotsi no kubamenyesha ko bakwiriye guhinda umushyitsi kubera ubugome bwabo bukabije. Mbere yuko imbuto y'ukuri ibibwa, ubutaka bw'imitima bwagombaga kubanza kurimwa. Abantu bagomba gushakira umuti kuri Yesu, ari uko bamaze kurabukwa akaga gatewe n'ibikomere by'icyaha.

Ntabwo Imana yohereza intumwa zayo ishaka gushyeshyenga umunyabyaha. Ntabwo itanga ubutumwa bw'amahoro bwo kwimakaza imitima itejewe, ngo yigumire mu mu mutekano uganisha ku rupfu. Ahubwo itera umutimanama w'abagome kuremererwa n'imitwari minini maze imitima igahinguranywa n'imyambi yo kwemezwa ikoresheje ubutumwa bw'abamalayika imanza ziteye ubwoba z'Imana zishyirwa imbere y'iyi mitima kugira ngo iyihe igitekerezo cyagutse cy'ibyo ikeneye kandi itake igira iti : “Nkwiriye gukora iki kugira ngo nkire?.” Nuko kwa kuboko kwari kwamanuye umunyabyaha kukamugeza mu mukungugu kuzongera kwegura uwicuza. Rya jwi ryahagurukanye imbaraga mu kurwanya icyaha ryatumye ubwirasi no kwishyira hejuru bigwa mu rujijo, rirabazanya impuhwe riti : “Urifuza ko ngukorera iki?”

Ubwo umurimo wa Yohana watangiraga, ishyanga ryose ryari mu mivurungano no kutishima; mbese henda kuvuka imyivumbagatanyo. Arikelawusi amaze kwicazwa, i Buyuda hashyirwa mu buyobozi bwite bwa Roma. Igitugu cyakoreshwaga n'abategesi b'Abaroma no kurenganya kwabo n'imbaraga za bo bungikanyaga kugira ngo binjize ibimenyetso n'imigenzo bya gipagani bikongeza imyivumbagatanyo yacogojwe n'amaraso y'intwari ibihumbi byinshi by'Abisiraeli yamenetse. Ibyo byose bituma igihugu cyose kirakarira Roma maze bigatuma bifuza cyane kugobotorwa muri ubwo butegesi.

Muri izo ntugunda n'intambara, ni bwo humvikanye ijwi mu butayu ijwi rirangurura kandi ricyaha, ariko ryuje ibyiringiro rigira riti : “Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi.” Imbaraga nshyashya idasanze ihungabanya rubanda rwose. Abahanuzi bavuze ibyo kuza kwa Kristo, nkaho ari iby'igihe gishyize kera; ariko ubu bwo yavugwaga ko ari bugufi cyane. Imiterere ya Yohana yatumaga abantu bibaza iby'abahanuzi ba kera. Mu mikorere ye no mu myambarire ye yibutsa umuhanuzi Eliya. Mu by'ukuri mu mbaraga no mu mwuka bya Eliya ni ko yakoze, atunga agatoki ubwononekare bwari mu gihugu cyose, anashyira ahabona ibyaha byari byarabaye gikwira. Amagambo ye yari asobanutse, yahuraniye kandi akabakaba imitima. Ndetse rimwe na rimwe bakekaga ko ari umwe mu bahanuzi wazutse. Ishyanga ryose ryabaye nk'irivuye mu bitotsi. Inteko nyinshi z'abantu zirukankira mu butayu.

Yohana avuga ibyo kuza kwa Mesiya kandi ararikira abantu bose kwihana. Yabaturizaga mu mazi y'uruzi rwa Yorodani; aho ni ho hagaragaraga ishusho yo gukuraho ibyaha: ibyo bikaba bishaka kuvuga ko abirataga ko ari ubwoko bwatoranijwe n'Imana bari barandujwe n'ibyaha kandi ko ukwera k'umutima n'ukw'imibereho kwonyine ari ko kwashoboraga kubahesha umugabane w'ubwami bwa Mesiya.

Abakuru n'abanditsi, abasirikari, abakoresha b'ikoro na rubanda rwose bihutira kujya kumva umuhanuzi. Mu mizo ya mbere umuburo ukomeye w'Imana ukangura imitima. Abenshi barihana barabatizwa. Abantu bo mu nzego zose bumviraga amabwiriza y'Umubatiza Yohana bafite ibyiringiro byo kubona umugabane muri ubwo bwami bwahanuwe.

Abanditsi benshi n'abafarisayo bazaga kwicuza ibyaha byabo no gusaba kubatizwa. Bari barigize abantu beza kuruta abandi kandi bagashimagiza ubutungane bwabo muri rubanda; ariko noneho ibanga ry'imibereho yabo ikiranirwa ryari ryahishuwe. Ariko Mwuka wera yari yamenyesheje Yohana ko benshi muri abo bantu batari bafite ukwanga icyaha by'ukuri. Bari abantu, basamarira ibije. Bibwiraga ko kugira ubucuti n'uwo muhanuzi byari gutuma bemerwa n'igikomangoma cyendaga kuza. Mu guhabwa umubatizo n'ibyo biganza by'uwo mwigisha w'umusore w'ikimenyabose, bumvaga ko bizabatera kugira imbaraga muri rubanda.

Yohana abakirana aya magambo atyaye ngo : « Mwa bana b'inshira mwe, ni nde wababuriye guhunga umujinya uzatera ? Nuko nimwere imbuto zikwiriye abihannye : kandi ntumugatangire kwibwira muti : ko dufite Aburahamu akaba ari we sogokuruza : ndababwira ukuri ko ndetse Imana ibasha guhindurira Aburahamu abana muri aya mabuye. »

Imana yari yiyemeje kugirira neza Abisirayeli; Abayuda basobanuye nabi iri sezerano : « Uko ni ko Uwiteka avuga watanze izuba kuba umucyo w'amanya, washyizeho amategeko kugira ngo ukwezi n'inyenyeri bimurikire ijoro, itera inyanja kwihinduriza bigatera umuraba guhorera. Uwiteka Nyir'ingabo ni ko avuga ni ryo zina rye, ati : « Ayo mategeko nakuka imbere yanjye » ni ko Uwiteka avuga, ni bwo urubyaro rwa Isiraeli ruzaba rutakiri ubwoko imbere yanjye iteka ryose : uko ni ko Uwiteka avuga ati : « Ijuru riri hejuru nibishoboka ko rigwa, kandi imfatiro zo hasi nibishoboka ko zirandurwa nibwo nzaca urubyaro rw'Isirayeli rwose nduhoye ibyo bakoze byose, ni ko Uwiteka avuga ⁹.» Abayuda bibwiraga ko kuba bakomoka kuri Aburahamu bibaha uburenganzira bwo kuburana iryo sezerano. Biyibagiza nkana ibya ngombwa kw'iryo sezerano Imana yavuze. Iryo sezerano ryari ryarabanjirijwe n'aya magambo ngo : « Nzashyira amategeko yanjye mu nda yabo, kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika. Nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye. Kuko nzababarira gukiranirwa kwabo, kandi icyaha cyabo sinzacyibuka ukundi¹⁰.»

Ubwoko bufite amategeko y'Imana mu mitima ya bwo buzagira imigisha iva ku Mana. Ubwo bwoko buba bwomatanye na yo. Ariko Abayuda bo bari baritandukanije n'Imana. Ibyaha byabo byari byarabakururiyeho urubanza

rw’Imana. Ni yo mpamvu bategekwa n’ishyanga ry’abapagani. Imitima yabo yari yarijimishijwe no kutumvira kwabo. Kuko Imana yari yarabagiriye ubuntu mu bihe byashize, bibwiraga ko bashobora kubona impamvu zo kubabarirwa ibyaha byabo. Birataga ko ari beza kuruta abandi bantu kandi bakaba bakwiriye guhabwa imigisha y’Imana.

Ibyo byandikiwe « kutubera akabarore no kuduhugura twebwe abasohoreweho n’imperuka y’ibihe¹¹. » Ni kangahe twibeshya ku migisha y’Imana twibwira ko imirimo yacu myiza ari yo ituma twemerwa n’Imana ? Bityo rero, Imana ntabwo ibona uko idukorera ibyo yifuza kutugirira. Impano za yo tuzikoreshereza kwihimbaza maze bigatera imitima yacu kugwa ikinya cyo kutizera no gukora icyaha.

Yohana abwira abigisha ba Isirayeli ko ubwibone bwabo, inarinjye yabo n’ubugome bwa bo bibahamya ko ari ubwoko bw’inshira bikaba ari umuvumo mubi ku bwoko bwabo aho kuba urubyaro rwa Aburahamu umukiranutsi kandi wumvira. Ugereranyije n’umucyo bahawe uvuye ku Mana, bari bari cyane kuruta abapagani, bibwiraga ko baruta. Bari baribagiwe Urutare basatuwemo n’inganzo bacukuwemo. Imana ntabwo yari ikibakeneye kugira ngo isohoze umugambi wayo. Nk’uko Imana yahamagariye Aburahamu gusohoka mu muryango wa gipagani, yashoboraga guhamagarira abandi gukora umurimo wayo. Imitima imeze nk’amabuye yo mu butayu, ifashijwe n’Umwuka w’Imana yashoboraga kugarurwamo ubuyanja maze igakora iby’ubushake bw’Imana kandi igahabwa isezerano ryayo.

Umuhanuzi yarongeye aravuga ati : « N’ubu intorezo igezwe ku bishyitsi by’ibiti : nuko igishyitsi cyose kitera imbuto nziza kiracibwa kikajugunywa mu muriro. » Igiha igiti agaciro, ntabwo ari izina cyitwa, ahubwo ni imbuto cyera. Niba imbuto idafite agaciro izina ntiribasha kubuza igiti kurimburwa. Yohana yabwiye Abayuda yuko uko bemerwa imbere y’Imana biterwa n’imico yabo kimwe n’imibereho. Kwigisha gusa ko wizera nta cyo bimaze. Niba imibereho n’imico bidahuje n’amategeko y’Imana, ntabwo washobora kwitwa ubwoko bwayo.

Aya magambo arondora imitima, yateraga abamwumvaga kwihana. Bakamwegera bakamubaza bati : none se tugire dute ? Igisubizo cy’e cyari iki ngo :

«Ufite imyenda ibiri, umwe awuhe utawufute, n’ufite ibyo kurya na we agire atyo.» Kandi abakoresha b’ikoro ababwira kutarenganya abandi n’abasirikali bakirinda urugomo.

Yavugaga ko abantu bose bo mu bwami bwa Kristo bahamagarirwa gutanga icyitegererezo mu kwizera no kwihana. Kugira ubuntu kuba umunyakuri, no kuba indahemuka bigomba kugaragarira mu mibereho yabo. Bagombaga gutabara abakeneye ubufasha no gutura Uwitaka amaturo yabo. Bagombaga kurinda abatagira kirengera, kandi bagatanga icyitegererezo mu kwumvira no kugira impuhwe. Uko ni ko abigishwa ba Kristo bazerekana imbaraga ihindura y’Umwuka wera. Gukiranuka, imbabazi n’urukundo by’Imana bizagaragarira mu mibereho yabo ya buri muni. Bitabaye bityo bazaba bameze nk’ibyatsi bikwiriye kujugunywa mu muriro.

Yohana yaravugaga ati : « Njyewe ndababwirisha amazi, ngo mwihane : ariko uzaza inyuma yanjye andusha ubushobozi, ntibinkwiriye no kumutwaza inkweto, ni we uzababwirisha Umwuka wera n’umuriro¹² ». Umuhanuzi Yesaya yari yarahanuye ko Umwami Imana azahanagura ibicumuro by’ubwoko bwe « akabimarahiye, abimarishije umwuka ukiranuka n’umwuka wotsa ». Aya magambo y’Umwami Imana yabwiraga Isirayeli ngo : « Nzagushyiraho ukuboko ; ngukuremo rwose inkamba za we, nkumaremo icyuma cy’ibati¹³. » Aho icyaha kiboneka hose « Imana yacu ni umuriro ukongora.¹⁴ » Ku bicishiriza bugufi umurimo we, Umwuka w’Imana ubakongoraho ibyaha. Ariko niba umuntu agundiye icyaha cye, ageraho agahwana na cyo. Nuko rero ubwiza bw’Imana butsemba icyaha bugakongora n’uwo munyabyaha. Hanyuma ya rya joro Yakobo yari yakiraniyemo na malayika, yateye hejuru ati : « ndebesheje Imana amaso sinapfa.¹⁵ » Imbere ya Esawu, Yakobo yari yakoze icyaha gikomeye cyane, ariko yarihannye. Igicumuro cye cyarababariwe, icyaha cye kirahanagurwa; ni yo mpamvu yashoboraga kwihanganira kugaragara kw’Imana. Ariko igihe cyose abantu bajyaga baza imbere y’Imana bakigundiye icyaha cyabo baratsembwe. Ubwo Yesu azaba agarutse abagome bazakongorwa « n’umwuka uva mu kanwa ke » maze « batsembeshwe no kuboneka ko kuza kwe¹⁶ »

Umucyo w’ubwiza bw’Imana yo Soko y’ubugingo ku bakiranutsi uzatsembaho abagome. Mu gihe cya Yohana Umubatiza, Kristo yari ari hafi yo kwerekanwa kugira ngo ahishure imico y’Imana. Kugaragara kwe konyine kwari

guhagije kwereka abantu ibyaha byabo. Abari kuba biteguye kwemera kwezwa ibicumuro byabo ni bo bonyine bari gushobora kugirana umushyikirano na we. Ab'imitima iboneye bonyine ni bo bazashobora guhagarara badatsinzwe ubwo azaboneka.

Ubwo ni bwo butumwa Yohana Umubatiza yazaniye Abisirayeli buvuye ku Mana. Benshi bitaye ku byigisho bye. Benshi basize byose maze barumvira. Inteko nyinshi z'abantu zakurikiye uwo Mwigisha mushya aho ajya hose kandi bamwe muri bo bizeraga kumubonamo Mesiya. Nyamara ubwo Yohana yabonaga ko abamwumva bitaye kuri we, ntabwo yigeze ata akanya na gato mu kuyobora ukwizera kwabo akwerekeza ku uwari ugiye kuza hanyuma ye.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 1:5-23; 57-80; 3:1-18; Matayo 3:1-12; Mariko 1:1-8.

2. Luka 1:38.
3. Daniel 10:21.
4. Ibyahishuwe 1:1
5. Ibyahishuwe 22:9.
6. 2 Samuel 23:4.
7. Yesaya 40:5.
8. Yesaya 11:4; 32:2; 62:4.
9. Yereimiya 31:35-37. 10. Yereimiya 31:33-34.
11. 1 Abakorinto 10:11.
12. Matayo 3:11.
13. Yesaya 4:4; 1:25.
14. Abaheburayo 12:29.
15. Itangiriro 32:30. 16. 2 Abatesalonike 2:8.

*** **

11. UMUBATIZO



Ukwamamara k'umuhanuzi wo mu butayu n'ubutumwa bwe butangaje bikwira i Galilaya hose. Ubutumwa bugera no ku baturage bo mu birorero bya kure bugera no ku banyabyaha bari ku nkombe y'inyanja: nuko iyo mitima yoroheje kandi ifite inyota ibwitabana ubwuzu. I Nazareti mu ibarizo ry'umubaji ryahozze ari irya Yosefu, na ho barabuvuga, maze umuntu umwe aba ariwe ushobora kumenya iryo jwi. Igihe cyeye cyari kigeze. Nuko asiga umurimo we yakoraga buri munsu, asezera ku mubyeyi we, afata inzira igana kuri Yorodani, ajyanye n'abantu benshi b'abanyagihugu¹. Yesu na Yohana Umubatiza bari ababyara kandi bari bahujwe n'ibitangaza by'imivukire yabo; nyamara ntabwo bari baziranye.

Yesu yabaye i Nazareti mu karere k'i Galilaya; Yohana we yiberaga mu butayu bw'i Buyuda. Babayeho batandukanye, no mu turere tunyuranye; nta nubwo bashoboraga kubonana batumanyeho. Imana ni yo yashatse ko bimera bityo. Ntabwo byari bikwiye gutanga urwitwazo baregwa kuba barigomekeye hamwe ngo baterane inkunga.

Yohana yari azi ibimenyetso byerekeranye no kuvuka kwa Yesu. Yari yarumvise uburyo Yesu yagiye i Yerusalemu afite imyaka cumi n'ibiri nuko yahuye n'abigishamategako. Yohana yari azi imibereho ye itarangwamo icyaha, ndetse yumvaga ko Yesu ari we Mesiya; nyamara nta bimenyetso simusiga yari yakabona. Kuba Yesu yari amaze iyo myaka yose ataboneka nta bimenyetso byihariye by'umurimo we, byatumaga abantu bashidikanya ko yaba ari we wasezeranywe. Ariko Yohana we ategerezanya ukwizera, yiyumvishako mu gihe gikwiriye Imana izashyira byose ahabona. Yari yarahishuriwe ko Mesiya azaza kumusaba kubatizwa na we, kandi ko icyo gihe ikimenyetso kigaragaza kamere ye y'ubumana kizaboneka. Ibyo bizamuha umwanya wo kumugaragariza rubanda.

Nuko igihe Yesu yari aje kugira ngo abatizwe, Yohana amubonamo kamere yo kwera atigeze abona mu muntu uwo ari we wese. Ubwiza bwari bugose aho ari,

bwagaragazaga igitinyiro. Mu nteko nyinshi zari zikikije Yohana kuri Yorodani, yazumvanaga amaganya n'agahinda k'ibyaha, ndetse yabonaga imitima ihetamishijwe n'uburemere bw'ibyaha bitabarika, ariko nta na rimwe yari yarigeze ahura n'ikiremhamuntu cyagaragazaga imbaraga y'ubumana imeze ityo. Ibyo byose byari bihuje cyane n'iby Yohana yeretswe, bivuga ibya Mesiya. Nyamara Yohana ashidikanya gukora ibyo Yesu amubwiye. None se byari gushoboka bite ko Yohana w'umunyabyaha abatiza icyo kizima kizira icyaha ? Kandi kuki byaba ari ngombwa ko udakeneye kwihana yemera kwicisha bugufi agakora umuhango uhwanyeye no kwicuza ibyaha ?

Yesu asabye kubatizwa, Yohana arahindukira atera hejuru ati : “ko ari njye wari ukwiriye kubatizwa nawe; none ni wowe unsanze !” Yesu asubiza ashikamye kandi atuje ati : “emera ubikore, kuko ari byo bidukwiriye ngo dusohoze gukiranuka kose.” Yohana aremera ajyana Umukiza mu mazi ya Yorodani amwinikamo. Agisohoka mu mazi, Yesu abona ijuru rimukingukiye maze «Umwuka w'Imana umanuka usa n'inuma, umujyaho ».

Ntabwo kubatizwa kwa Yesu kwari ukugira ngo yihane icyaha cye. Ariko yishushanyije n'abanyabyaha, agenza nk'uko tugomba kugenza, maze akora igikorwa tugomba gukora. Imibereho ye yuzuye imibabaro n'imiruhoro, iyo yagize uhereye mu kubatizwa kwe, natwe ikwiye kutubera icyitegererezo.

Yesu amaze kuva mu mazi, apfukama ku nkombe z'uruzi... kugira ngo asenge. Igihe gishya kandi gikomeye cyari kimushyizwe imbere. Intambara zari zigiyeye gutuma ahangana n'abantu, ziza imbere ye. Nubwo yari Umwami w'amahoro, ukuza kwe kwagombaga gutuma inkota ivanwa mu rwubati. Ubwami yari aje gushyiraho bwari butandukanye n'ubwo Abayuda bifuzaga. Yesu wari urufatiro rw'imihango n'ubukungu bwa Isirayeli, yari agiye kurebwa nk'umwanzi n'umurimbuzi. Yesu ni we wari waratanze amategeko ku musozi wa Sinayi, yari agiye gucirwaho iteka nk'umwishi wayo. Yari yazanywe no kumenagura imbaraga za satani, nyamara dore bari bagiyeye kuzamwita Belizebuli. Kugeza icyo gihe nta muntu n'umwe ku isi wari wakamwumva, kandi azakomeza kugenda wenyine; igihe cyose umurimo we uzamara. Igihe cyose yamaze nyina n'abavandimwe be ntibasobanukiwe icyerekezo cy'umurimo we. Abigishwa be na bo ntabwo

bamusobanukirwaga biruseho. Kugeza icyo gihe yibereye mu mucyo w'iteka, ari umwe n'Imana Se, yari agiye kuba ku isi, ari mu bwigunge.

Byari bikwiye ko yikorera umutwaro w'ibyaha byacu n'iteka twajyaga gucirwaho, kuko yahindutse umwe natwe. Utigeze kumenya icyaha yagombaga kumva isoni z'icyaha. Umwami w'amahoro yagombaga gutura mu ntambara rwagati, umunyakuri agatura mu binyoma, ukubonera kwagombaga kubana n'ububi bukabije. Ibyaha n'amacakubiri n'ibyifuzo byo gukiranirwa: izo mbuto zose zo gukiranirwa zagombaga kumubera umutwaro umushengura umutima .

Azagenda mu nzira wenyine, kandi azikorera umutwaro wenyine. Gucungura abatuye isi byagombaga kuba kuri we, akemera ubusembwa bw'akamero k'umuntu. Ibyo byose yarabibonye kandi ababazwa na byo, ariko ashikama ku cyemezo cye. Agakiza ka bene muntu kari mu kuboko kwe, arambura ukuboko kugira ngo afate mu kiganza cy'urukundo rushobora byose.

Amaso y'Umukiza yasaga n'acengera mu ijuru igihe yasengeraga mu mutima. Yari azi uburyo imitima y'abantu yanangiwe n'icyaha, kandi akamenya n'uburyo bizabakomerera cyane kumenya umurimo we no kwemera impano y'agakiza. Yinginga Data kugira ngo ahabwe imbaraga ishobora gutsinda ugushidikanya kw'abantu, igacagagura iminyururu satani yabagotesheje, kandi izatuma batsinda umurimbuzi. Yesu ashaka ubuhamya bw'Imana ko yemera bene muntu ibinyujije muri we.

Abamalaika ntibigeze bumva isengesho nk'iryo na rimwe. Bifuzaga kuzanira umutware wabo bakunda cyane ubutumwa bumwongerera ibyiringiro bukamumara umubabaro. Data wa twese ubwe ni we wifuza gusubiza ibyo Umwana we asaba. Umucyo w'ubwiza urasa uturutse ku ntebe y'ubwami. Ijuru rirakinguka maze igisa n'inuma kirabagirana kimanuka ku mutwe w'Umucunguzi, icyo cyari ikimenyetso cyihariye cy'uwicishije bugufi kandi woroheje.

Yohana n'abandi bamwe bari kumwe na we kuri Yorodani, barabukwa iyerekwa rivuye mu ijuru. Nuko iyo nteko yumva ko imbaraga y'ubumana iri aho hantu. Rubanda rwose rwitegereza Kristo rutuje. Yagaragaraga nk'ugoswe n'umucyo mwinshi ugota intebe y'Imana. Mu maso he, areba mu ijuru herekanaga ubwiza butigeze buboneka na rimwe mu maso h'umuntu. Nuko bumva ijwi

rimanutse mu ijuru rigira riti : «nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira», amagambo yabereyeho gutera abahamya b'ibyabaye kwizera, no gukomeza Umukiza kubw'umurimo we. Nubwo ibyaha by'isi yagomye byashyizwe kuri Kristo kandi nubwo yari yicishije bugufi akambara kamere y'umuntu wagomye, ijwi rivuye mu ijuru ryaramuhamije rivuga ko ari Umwana w'Uwiteka.

Yohana atangazwa cyane no kubona Yesu apfukamye yinginga, asaba Imana kwemerwa abogoza amarira. icyubahiro cy'Imana kimuzengurutse n'ijwi rivuye mu ijuru ryumvikanye, ni bwo Yohana yamenye ko ari ikimenyetso Imana yamusezeranije. Yari amaze kubatiza Umucunguzi w'abari mu isi ! Umwuka wera aramufata, maze Yohana arambura ukuboko akwerekeza aho Yesu ari atera hejuru agira ati : «Nguyu Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu si.» Nta n'umwe mu bamwumvaga yewe ndetse n'uwavuze aya magambo ngo : « Umwana w'Intama w'Imana» wasobanukiwe n'uburebure bw'ayo magambo. Ku musozi wa Moriya, Aburahamu yumvise ikibazo cy'umuhungu we ngo : « Data ! ...Umwana w'intama w'igitambo cyo koswa urihe? » Maze Se na we aramusubiza ati : Mwana wanjye Imana iri bwibonere umwana w'intama w'igitambo cyo koswa².» Muri ya ntama yatanzwe n'Imana ngo isimbure Isaka, Aburahamu yayibonyemo ikimenyetso cy'uwagombaga kuza gupfira ibyaha by'abantu.

Yesaya ayobowe n'Umwuka wera yasubiye muri iyo pica maze ahanura ibyayjyaga kuba ku Mukiza, agira ati : «ntiyabumbuye akanwa ke, amera nk'umwana w'intama bajyana kubaga !» « Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese³.» Nyamara icyo cyigisho ntabwo cyumvikanye mu Isiraeli. Ku byerekeranye n'ibitambo, benshi babyumva kimwe n'abapagani. Babifata ko ari impano zituma Imana yishima maze ikumva. Imana ishaka kubereka ko mu rukundo rwayo yatanze impano bakwiriye kwiyoungiramo na yo. Ijambo ryabwiwe Yesu kuri Yorodani ngo : «nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira » ryabwiwe isi yose. Imana ivugana na Yesu nk'uduhagarariye. Nubwo dufite ibyaha byinshi, kandi tukagira n'intege nke, ntabwo twajugunywe ngo tumere nk'ibiremwa bitagira agaciro. Ubuntu bwayo butangaje twabuhereye « mu Mwana wayo ikunda cyane⁴». Ubwiza bugose Kristo ni impano y'urukundo Imana idufitiye. Buhamya imbaraga zo gusenga ; butwereka uburyo ijwi ry'umuntu rishobora kugera mu matwi y'Imana n'uko kwinginga kwacu kwakirwa mu bikari byo mu ijuru. Kubera icyaha isi yatandukanijwe n'ijuru ntiyaba ikibasha gushyikirana na ryo; ariko Yesu yongera

kuba icyungo cy'umubumbe w'ubwiza. Urukundo rwe rwatwikiriye umuntu maze rugera hejuru mu ijuru. Umucyo wahuranya amarembo y'ijuru ukamanukira ku mutwe w'Umukiza natwe uzatugeraho nidusaba ubutabazi bukwiye kugira ngo dutsinde ibishuko. Ijwi Yesu yumvise rizakomeza kubwira umutima wose wizera ngo « Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira ».

«Bakundwa ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. Icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa tuzasa na we, kuko tuzamureba uko ari⁵.»
Umucunguzi wacu yuguruye inzira ibashisha abanyabyaha bikabije n'abatindi cyane, abarenganywa b'insuzugurwa kugera imbere ya Data wa twese. Bose bashobora kubona umwanya mu byicaro Yesu yagiye kudutegurira. «Dore uko Uwera kandi w'Ukuri ufite urufunguzo rwa Dawidi, ukingura ntihagire ukinga, kandi ukinga ntihagire ukingura, aravuga aya magambo ati : Dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye kandi ntawe ubasha kurukinga⁶.»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 3:13-17; Mariko 1:9-11; Luka 3:21,22.
2. Itangiriro 22:7,8.
3. Yesaya 53:7,6.
4. Abefeso 1:6
5. 1 Yohana 3:2. 6. Ibyahishuwe 3:7,8.

*** **

12. IBIGERAGEZO



«Yesu, yuzuye Umwuka wera, ava kuri Yorodani maze ajyanwa n’Umwuka mu butayu.» Mariko akoresha amagambo arushijeho gusobanuka cyane agira ati : Uwo mwanya Umwuka amujyana mu butayu. Amarayo iminsi mirongo ine ageragezwa na satani¹. Yari hamwe n’inyamaswa zo mu ishyamba.» «Muri iyo minsi ntiyagira icyo arya.» Umwuka w’Imana ni wo wajyanye Yesu mu butayu, kugira ngo ageragezwe, Yesu ntiyajyanywe no guhiga ibishuko. Yifuzaga kuba wenyine ngo atekereze ku butumwa bwe no ku murimo we no kwitegura kunyura mu nzira y’amaraso yiyiriza ubusa kandi asenga. Ariko satani amenya ko Umukiza yagiye mu butayu, yibwira ko igihe gikwiriye cyo kumwegera kigeze.

Ku isi, ibintu byari bigeze ahakomeye, kuko cyari igihe Umwami w’umucyo yari asakiranye n’umutware w’ubwami bw’umwijima. Satani, amaze kugusha umuntu mu bishuko, yasigaye aburana isi, ndetse yiha izina ko ari umutware w’iy’isi. Nuko amaze guhindura abakurambere bacu kuri kamere ye, yibwiye ko isi ayigize ubwami bwe, ni ko kuvuga ko abantu bamuhisemo ngo ababere umutware. Kubera igitugu yabatwazaga, byatumye isi ayishyira muni y’ubutegetsu bwe. Ukuza kwa Kristo kwari gutsemba imigambi ye. Kristo nk’Umwana w’umuntu, azakomeza kuba indahemuka ku Mana kandi anagaragaze ko satani nta butware na buto afite kuri bene muntu, ko uburenganzira yibwira ko afite ku isi ataribwo. Abantu bose bazifuza gucika ubutware bwe bazahabwa umudendezo. Ubutware Adamu yambuwe n’icyaha azabukomorerwa.

Guhera ku buhanuzi bwabwiwe inzoka muri Edeni ngo : “Nzashyira urwango hagati yawe n’uyu mugore, no hagati y’urubyaro rwawe n’urwe²”, satani yari azi ko ubutware bwe mu isi atari ubw’ibihe byose. Yahoraga ashaka kumva icyaboneka mu bantu cyarwanya imbaraga ze. Yitegerezanyaga amatsiko Adamu n’abahungu be mu gihe batambaga. Muri iyo migenzo, ayibonamo ikimenyetso cyo

gusabana kw'isi n'ijuru. Atangira gahunda yo kuburizamo uwo musabano. Agaragaza Imana uko itari, atanga ubusobanuro bupfuye kuri iyo mihango yashushanyaga Umukiza. Abantu binjizwamo gushidikanya Imana bayitekereza ko ishimishwa no kurimbura ibiremwa byayo. Ibitambo byabereyeho kugaragaza urukundo rwayo, bihindurwa gusa uburyo bwo gucubya uburakari bwa yo. Satani abyutsa irari ribi mu bantu ngo akomeze ubwami bwe muri bo. Igihe Ijambo ry'Imana ryanditswe ryatangwaga, satani yatangiye kwiga ubuhanuzi bufitanye isano no kuza k'Umukiza. Yihatira guhumisha imitima y'abantu uko bagiye bakurikirana ku byerekeranye n'ubwo buhanuzi kugira ngo bazange Kristo ubwo azaba aje.

Igihe Yesu yavukaga satani yumvise ko iyo ntumwa y'Imana, yari ihawe inshingano yo kumuburanya ubutware bwe. Satani ahinda umushyitsi yumvise ubutumwa bwa malayika wahamyaga ubutware bw'Umwami wari umaze kuvuka. Satani yari azi neza umwanya Kristo yari afite mu ijuru kuko yari umukundwa wa se. Ukwigira Umuntu k'Umwana w'Imana biramutangaza, ariko binamutera ubwoba. Ntabwo yashoboraga kwemera urukundo rungana rutyo rwagiriwe ikiremhamuntu cyaguye. Ntabwo abantu basobanukiwe n'ubwiza n'amahoro biva mu ijuru n'umunezero bizanwa no gusabana n'Imana; ariko Lusufuri we, wahoze ari umukerubi utwikira, yari azi ibyo yahombye ni cyo cyatumye ashaka kwihorera aroha ibindi biremwa mu mworera. Kugira ngo agere ku mugambi we yateye abantu gukerensa ubutunzi bw'ijuru bakifatanya n'iby'isi.

Mbega intambara umutware w'ibiremwa byo mu ijuru yari agiye gusakirana na yo ubwo yihatiraga gukiza abantu ngo abageze mu bwami bwe! Uhereye mu buto bwe i Betelehemu, Yesu yabaye isibaniro ry'ibitero by'umubi. Ishusho y'Imana yagaragariye muri Kristo, kandi mu byongorerano, Satani yari yiyemeje kuhamutsinda. Kandi koko kugeza icyo gihe nta ikiremhamuntu cyari cyarashoboye gucika imbaraga y'umushukanyi. Imbaraga z'umubi zikoranyirizwa hamwe kurwanya Kristo.

Igihe Umukiza yabatizwaga, satani yari ahari. Yabonye ubwiza bwa Se bugose Umwana we. Satani yumvise ijwi ry'Uwiteka rihamya ubumana bwa Kristo. Uhereye igihe Adamu yacumuraga, bene muntu bari baranyazwe gusabana n'Imana imbona-nkubone, umusabano wa bo n'ab'ijuru bawugiraga binyuze muri Kristo. Noneho Yesu yari yiyiziye “Afite ishusho ya kamere y'ibyaha^{3b}”, kandi na

Data wa twese ubwe yumvikanishije ijwi rye. Mbere hose yajyaga avuganira n'abantu binyuze *kuri* Kristo, noneho ubu avugana nabo binyuze *muri* Kristo. Satani amaze kwiringira ko ububi bw'icyaha bushobora gushyira umworera w'iteka ryose hagati y'ijuru n'isi, muri ako kanya ahita abona ko isano iri hagati y'umuntu n'Imana yari imaze kongera gushyirwaho.

Yari akwiriye gutsinda cyangwa akarimbuka. Inyungu zarwanirwaga zari zirenze urugero ku buryo satani atari kuzirekera gusa abo bafatanije. Yiyemeza kuba ariwe uyobora urugamba. Imbaraga zose z'abadayimoni zifatanyiriza hamwe kurwanya Umwana w'Imana. Nuko Kristo aba isibaniro ry'imyambi yose y'umutware wa Gehinomu.

Abantu benshi ntabwo barabukwa ingaruka zibageraho z'intambara iri hagati ya Kristo na satani, kandi kubw'ibyo ntabwo bibashishikaza cyane. Nyamara iyo ntambara ihora irwanwa mu mutima wa buri muntu. Nta muntu n'umwe uva mu ruhande rw'umwanzi kugira ngo yinjire mu murimo w'Imana, atarwanijwe n'imbaraga y'umwanzi. Ibishuko Kristo yahanganye na byo natwe turwana nabyo biturujye cyane. Ariko ibye byari bikaze cyane kurusha ibyacu nk'uko imico ye nayo isumba iyacu cyane. Kristo yikoreye umutwaro uteye ubwoba w'ibyaha by'abari mu isi, yageragereshejwe ikigeragezo cyo kwifuzza, gukunda iby'isi n'irari ryo kugaragara ritera kugwa mu kwigereza. Ibishuko nk'ibyo byari byatsinze Adamu na Eva, kandi natwe bidutsinda bitajuyajye.

Satani yifashisha icyaha cya Adamu kugira ngo ahamye ko amategako y'Imana adakiranuka kandi ko ntawayasohozza ngo ayitondere. Kristo yambaye umubiri wa kimuntu yagombaga gukuraho igicumuro cy'Adamu. Kandi ubwo Adamu yabaga isibaniro ry'imyambi y'umushukanyi yari ataragatsindwa n'icyaha. Adamu yari afite imbaraga za kimuntu zisanze muri we harimo imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge, yari agoswe n'ubwiza bwa Edeni, kandi agasabana n'ibiremwa byo mu ijuru. Yesu we igihe yinjiraga mu butayu guhangana na satani ntabwo yari ameze atyo. Mu myaka ibihumbi bine yose imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge kimwe n'imbaraga zo kwitegeka by'umuntu byari byaragiye bigabanuka. Kandi Kristo yari yambaye ubusembwa bw'umuntu wahenebereye. Ni muri ubwo buryo bwonyine yashoboraga gucungura umuntu akamuvana mu buhanga bwamwokamye.

Bamwe bibwira ko Kristo atari gushobora gutsindwa n'ibigeragezo. Nuko rero ntabwo yari kuba agiye mu mwanya wa Adamu ngo atsindire aho Adamu yatsindiwe. Bityo rero ntabe yashobora kudutabara niba turwana intambara ziruta izo we yahuye na zo. Umukiza wacu yambaye umubiri wacu ahangana n'akaga ka wo kose; yasakiranye n'ibintu byose byatera kugwa mu gishuko; nta na kimwe duhura na cyo atahanganye na cyo.

Ikigeragezo cya mbere gikomeye cyabaye icy'inda, haba kuri Kristo cyangwa ku rugo rwera rwari muri Edeni. Gucungurwa kwacu kwatangiriye aho ukurimbuka kwari kwahereye. Nk'uko Adamu yatsinzwe n'icyaha cy'inda, ni ko na Kristo yanesheje yanga gutsindwa na cyo. “ Amaze iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine atarya abona gusanza. Umushukanyi aramwegera ati : Niba uri Umwana w'Imana bwira aya mabuye ahinduke umutsima. Ariko Yesu aramusubiza ati: “umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana.”

Uhereye kuri Adamu ukageza kuri Yesu Kristo inda n'irari byarakuze birenza urugero. Abantu bononekaye barwaragurika, ntibashoboraga gutsinda bo ubwabo. Kristo yarabatsindiye igihe yemeraga guhangana n'ikigeragezo gikaze. Kubera urukundo adufitiye yakoresheje imbaraga zikomeye zo kwitegeka ziruta inzara cyangwa urupfu. Gutsinda kwe kwa mbere kwatumye natwe dushobora gutsinda mu ntambara zose turwana n'imbaraga z'umwijima.

Igihe Yesu yinjiraga mu butayu yakikijwe n'ubwiza bwa Se. Yibereye mu musabano we na Se, arazamurwa cyane asumba intege nke za kimuntu. Ariko ubwo bwiza bumuvaho, busiga ahanganye n'ibishuko. Ibyo bishuko bimubuza uburyo buri kanya. Kamere ye ya kimuntu ntiyashakaga guhangana n'intambara yari imutegereje. Amara iminsi mirongo ine yiyiriza ubusa kandi asenga. Aruhijwe kandi ananiwe n'inzara kandi arembejwe n'agahinda «mu maso he hononekaye ntihasa n'ah'umuntu, n'ishusho ye yononekaye ntise n'iy'abana b'abantu⁴.» Icyo ni cyo gihe satani yari ategereje. Yibwiraga ko igihe cye cyari kigeze, kugira ngo ashobore kunesha Kristo.

Nk'igisubizo cy'amasengesho y'Umukiza, ufite ishusho ya malayika wo mu ijuru amuhagarara imbere, avuga ko atumwe n'Imana kumumenyesha ko kwiwiriza

ubusa kwe kwarangiye. Kandi nk’uko Imana yohereje malayika wayo ngo abuze Aburahamu kwica umuhungu we Isaka, ni ko anejewe no kumvira kwa Kristo, Se yohereje malayika kumutabara. Ngubwo ubutumwa bwamugejeje. Umukiza yadandabiranaga ashonje ubwo satani yamutunguraga. Amwereka amabuye yari arunze mu butayu aho, yari ameze nk’imitsima maze umushukanyi aramubwira ati: «Niba uri Umwana w’Imana bwira aya mabuye maze ahinduke imitsima.»

Nubwo yari yigize nka malayika w’umucyo, amagambo ye ya mbere, yagaragaje kamere ye: “niba uri Umwana w’Imana”. Aya magambo yari afite umugambi wo gutera gushidikanya. Kumvira ibyo satani asaba, kuri Yesu byari ukwemera uko gushidikanya. Umushukanyi yiyemeza gutsinda Kristo akoresheje uburyo bwamutsindiye mwene muntu. Mbega uburiganya satani yakoresheje asanze Eva muri Edeni! «Ni ukuri koko Imana yaravuze iti : Ntimuzanye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi ?⁵». Muri aya magambo y’umushukanyi harimo ikintu cy’ukuri; nyamara uburyo bwo kubivuga bwari buhishemo gukerensa Ijambo ry’Imana. Bwari uburyo buziguye bwo gutera gushidikanya ukuri kw’Imana. Satani yashakaga gucengeza mu mutima wa Eva, igitekerezo cy’uko Imana idakora ibyo yavuze; ko mu kubabaza igiti cyiza nk’icyo, Imana yari yivugurije ku by’urukundo n’impuhwe igirira abantu. Ubwo umushukanyi akora uko ashoboye kose ngo ibitekerezo bye abitsindagire muri Kristo: “Niba uri Umwana w’Imana”. Ayo magambo arasobanura umubabaro wo mu mutima we. Imvugo y’ijwi rye iragaragaza ugushidikanya kuzuye. Mbese Imana yakwemera kubabaza Umwana wayo mu buryo bumeze butyo? Mbese Imana yamuhana wenyine mu butayu; ntacyo kurya afite nta cyo kumuhumuriza hagati mu nyamaswa zo mu gasozi? Yumvikanishaga ko Imana nta na rimwe yaretse

Umwana wayo mu buryo bumeze butyo. “Niba uri Umwana w’Imana” erekana ubushobozi bwawe wihembure. Bwira aya mabuye ahinduke imitsima.

Amagambo yavuye mu ijuru agira ati : “Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira,⁶” yari acyumvikana mu matwi ya satani. Ariko yashakaga gukura muri Kristo kwizera ubwo buhamya. Ijambo ry’Imana ryahaga Kristo ibyiringiro ko umurimo we mu bantu wari uw’Imana. Na none kandi iryo jambo ryerekanaga neza isano Kristo afitanye n’ijuru. Umugambi wa satani wari uwo gutuma Kristo ashidikanya kuri ayo magambo. Satani yari azi neza ko nashobora gutuma Kristo akura ibyiringiro mu Mana, intambara ikomeye iraba irangiye ayitsinze. Yizeraga

ko kubera gusonzza no kunanirwa Kristo aratakaza ibyiringiro yari afitiye Se, maze akikorera igitangaza ubwe. Iyo ibyo biza kuba, inama ikomeye y'agakiza yari kuba ihindutse ubusa.

Ubwo satani yarwanaga n'Umwana w'Imana bwa mbere, Kristo yari umugaba w'ingabo zo mu ijuru; nuko satani wari wateje imivurungano mu ijuru ajugunywa hanze. Noneho ubwo inshingano zisa n'izihinduranyijwe, satani aboneraho gushaka gukoresha ibyo yita amahirwe ye. Yaribwiye ati: umwe mu bamalayika bakomeye yaciwe mu ijuru. Ibimenyetso byose biboneka birerekana ko Yesu ari we malayika uwo waguye akaba yararetswe n'Imana kandi agahanwa n'abantu. Ati: kubw'ibyo, ikizima kivuye mu ijuru cyaharanira uburenganzira bwacyo kigakora igitangaza, none « niba uri Umwana w'Imana bwira aya mabuye ahinduke imitsima » Umushukanyi ahamya ko igikorwa nk'icyo cyo kurema cyaba gitanze igihamya gihagije cy'ubumana bwe maze kigakemura impaka.

Byasabaga Yesu kumva uwo mushukanyi ukomeye atuje. Ariko Umwana w'Imana ntabwo yari akeneye kugaragariza satani ubumana bwe cyangwa ngo amusobanurire impamvu yo gucishwa bugufi kwe. Iyo akora nk'uko umwanzi asabye, nta cyiza yari kuba agiriye umuntu, haba no guhesha Imana icyubahiro. Iyo Kristo akora atyo, satani yari gukomeza kumubaza ati : nyereka ikimenyetso kugira ngo nizere ko uri Umwana w'Imana. Nta gikorwa na kimwe cyari gushobora kumenagura imbaraga z'ubugome ziri mu mutima we. Ikindi kandi nta nubwo Kristo yagombaga gukoresha imbaraga z'ubumana ku bw'inyungu ze bwite. Yesu yazanywe no kwihanganira ibigeragezo nkatwe, kugira ngo adusigire icyitegererezo cyo kwizera no kwicisha bugufi. Haba icyo gihe, no mu kindi gihe icyo ari cyo cyose cyo mu buzima bwe kuri iyi si, Yesu ntiyigeze akora igitangaza kubw'inyungu ze. Imirimo ye yose itangaje yari ifite umugambi wo kugirira abandi neza. Kandi nubwo Kristo yahise amenya satani rugikubita kumwendereza kwe ntikwatumye ajya impaka na we. Afashijwe no kwibuka ijwi ryavuye mu ijuru, aruhukira mu rukundo rwa Se ntiyashaka kuvugana menshi n'umushukanyi.

Yesu yatsindishije satani Ibyanditswe byera. Yaravuze ati: “Handitswe ngo”. Mu bigeragezo bye byose, Ijambo ry'Imana ni ryo ntwaro ye rukumbi. Satani yasabaga ko Yesu amukorera igitangaza kikaba ikimenyetso cy'ubumana bwe. Nyamara hari ikintu cy'ingenzi kiruta ibitangaza byose. Kwizera gushikamye mu

byo Imana yavuze nicyo kimenyetso kitavuguruzwa. Umushukanyi ntiyashoboye gutsinda na gato igihe cyose Kristo yari ashikamye ku byo Imana yavuze.

Ubwo Kristo yari ananiwe ni bwo yasakiranye n'ibigeragezo biteye ubwoba. Bityo satani yibwiraga ko atsinda. Kera cyane ubwo buryo yari yarabutsindishije. Abantu bari baratsinze intambara nyinshi barwanira icyiza, baje gutsindwa ubwo imbaraga za bo zagabanukaga. Igihe ubushake bwabo bwacikaga intege, igihe kwizera kwabo kwari kwaretse gushikama ku Mana.

Mose, ananijwe n'uruzerero rw'imyaka mirongo ine ari kumwe n'Abisirayeli, yumvise kwizera kwe gucogoye. Acumurira ku nkengero z'igihugu cyasezeranijwe. Uko ni ko byagendekeye Eliya. Yashikamye imbere y'umwami Ahabu kandi ahangana n'ishyamba ryose rya Isirayeli bari barangajwe imbere n'abahanuzi magana ane na mirongo itanu ba Baali. Ku iherezo ry'uwo munsu ukomeye wabereye ku musozi wa Karumeli, ubwoko busezerana kumvira Uwituka Imana, abahanuzi b'ibinyoma baricwa. Nyamara muri uwo mugoroba ni bwo Eliya yahunze ibikangisho bya Yezebeli kugira ngo akize ubugingo bwe! Uko ni ko satani yagenjeje ahereye ku ntege nke za bene muntu. Kandi n'ubu aracyakomeza gukora atyo. Iyo umuntu agoswe n'ibicu, ari mu majane bitewe n'ibihe cyangwa se arembejwe n'ubukene n'akaga, satani aba ari hafi yiteguye kungikanya ibigeragezo bye. Ahora ashakisha aho intege nke zacu ziri. Agerageza guhungabanya icyizere dufite mu Mana cyo gutsinda ibyo byose.

Tugeragereshwa guta icyizere no gushidikanya urukundo rw'Imana. Akenshi umushukanyi atwigaragariza ameze nk'uko yari ameze ubwo yari asanze Yesu, arundanya imbere yacu, muri gahunda y'intambara intege nke zacu n'ubumuga bwacu. Aba yizeye kuduca intege no kudutera kurekura. Bityo akaba yiringiye kubona umuhigo we. Ariko nidushaka kumunesha nk'uko Yesu yamunesheje tuzatsinda intambara nyinshi. Gushyogoranye n'umwanzi ni ukumuha urwaho.

Mu gihe yasubizaga umushukanyi ati: «Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana.» Kristo yari asubiye mu magambo yabwiye Abisirayeli mu binyejana cumi na bine byari bishize aho yagize ati: «Uwituka Imana yawe yakuyoboye imyaka mirongo ine; kugira ngo agucishe bugufi, ntiyakunda ko wicwa n'inzara, ikugaburira manu wari utazi, na basogokuruza bawe batigeze kumenya, kugira ngo ikumenyeshe yuko umuntu

adatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Uwiteka⁷.» Igihe mu butayu nta bundi buryo bwo kubaho bwari buhari, Imana yohereje ubwoko bwayo manu ivuye mu ijuru ku rugero ruhagije no mu buryo bwa buri gihe. Ubwo yari igaragaje ko itazabuhana igihe cyose buzaba bushikamye mu Mana bakagendera mu nzira zayo. Noneho Umukiza, yari abonye akanya ko gushyira mu bikorwa icyigisho yari yarigishije abisiraeli. Ingabo z'Abaheburayo zari zaratabawe n'Ijambo ry'Imana, Yesu nawe yari agiye gutabarwa na ryo. Yari ategereje igihe cye cyo gutabarwa cyashyizweho n'Imana. Kumvira Imana ni ko kwatumye ajyanwa mu butayu, nuko rero ntiyifuzaga kubona ibyo kurya akurikije ibyifuzo bya satani. Imbere y'ibyaremwe byose byakurikiranaga ibibera aho, Yesu yerekana ko ntacyo bitwaye kubabazwa uburyo bwose, kuruta kujya kure y'ubushake bw'Imana naho haba gato.

“Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana”. Kenshi cyane bikomerera umwigishwa wa Kristo gukorera Imana mu gihe arushaho kwita cyane ku mishinga ye ya hano ku isi. Rimwe na rimwe bizasa naho kumvira amategeko y'Imana asobanutse neza byazavanaho uburyo bwose bwo kubaho. Icyo gihe rero satani azashaka kumwizeza ko ibyiza ari ukutita ku byo umutimanama umwemeza. Nyamara ku isi yose hariho ikintu gusa dukwiriye kwishingikirizaho : “mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo ni bwo ibindi byose muzabyongererwa⁸.” Ndetse no muri ubu buzima dufite ntabwo twungukirwa iyo tunyuranije n'ubushake bw'Imana Data wa twese wo mu ijuru. Niba twarigishijwe kumenya ubushobozi bw'Ijambo ry'Imana, ntabwo tuzakurikiza ibyo satani atubwira ngo twishakire ibyo kurya cyangwa gukiza ubugingo bwacu. Icyo tuzibaza rukumbi n'iki ngo : Ni iki Imana yategetse ? Ni iki yasezeranije ? Tumaze gusubiza ibi bibazo, tuzumvira itegeko maze twiringire amasezerano.

Mu gihe cya nyuma cy'intambara ikomeye barwanya satani, abazakomeza kuba indahemuka ku Mana bazavutswa inkunga yose yo mu isi. Kuko bazaba baranze kwica itegeko ry'Imana ngo bumvire ubutegetsi bw'isi, bazababuza kugura no kugurisha no gutunda. Maze ku iherezo bazategeka ko bicwa⁹. Ariko abazumvira bahawe iri sezerano ngo : « uwo ni we uzatura ahirengeye, yikingire igihome cyo ku rutare; azahabwa ibyo kurya bimumutunga n'amazi yo kunywa ntazayabura¹⁰. » Abana b'Imana bazatungwa n'iryo sezerano. Mu gihe isi izaba yatsembwe n'inzara, bo bazagaburirwa. « Ntibazakorwa n'isoni mu gihe cy'ibyago, mu minsi y'inzara, bazahazwa¹¹. » Icyo gihe cy'amakuba cyahanuwe n'umuhanuzi Habakuki ubwo

yavugaga ibyiringiro by'itorero muri aya magambo ngo : « naho umutini utatoha, n'inizabibu ntizere imbuto; bagahingira ubusa imyelayo, n'imirima ntiyere imbuto, n'intama zigashira mu rugo n'amashyamba agashira mu biraro ! Nta kabuza ko nishimira Uwiteka, nkanezererwa mu Mana y'agakiza kanjye¹². »

Mu masomo yose aya mu kigeragezo cya mbere gikomeye cy'Umwami wacu, nta na rimwe rikomeye nko gutsinda irari ry'inda n'ibyifuzo by'umubiri. Mu bihe byose ibishuko byerekeye ku mubiri byigaruriye umuntu maze biramuzahaza. Satani yifashisha kutirinda ngo arimbure imbaraga zitangaje z'ubwenge no kwitegeka Imana yahaye umuntu. Bityo abantu ntibashobore guha agaciro ibyiza by'iteka ryose. Satani yifashisha ibigaragarira amaso kugira ngo ahanagure mu mutima w'umuntu ishusho yose yo gusa n'Imana.

Kuvuyarara kwabaye mbere yo kuza kwa mbere kwa Kristo ariko kwazanye kurwaragura no gusigingira, bizongera kubaho; kandi biziyongera mu gihe kibanziriza kugaruka kwa kabiri kwa Kristo. Kristo avugaga ko imibereho y'isi izaba imeze nk'uko yari iri mbere y'umwuzure no mu minsi yagaragaye i Sodomu n'i Gomora. Ibitekerezo by'abantu bizerekeza ku bibi gusa. Turi ku nkengero y'igihe giteye ubwoba, kandi twagombye gukura isomo ku biboneka mu kwiiriza ubusa k'Umukiza. Agahinda katavugwa Kristo yagize katubashisha kugereranya urugero rw'ibibi dukwiriye kurwanya tudahwema, aho kugira imibereho yo kwinezeza. icyitegererezo cy'ibitekerezo by'abantu bizerekeza ku bibi gusa. Turi ku nkengero y'igihe giteye ubwoba, kandi twagombye gukura isomo ku biboneka mu kwiiriza ubusa k'Umukiza. Agahinda katavugwa Kristo yagize katubashisha kugereranya urugero rw'ibibi dukwiriye kurwanya tudahwema, aho kugira imibereho yo kwinezeza. icyitegererezo cy'ibitekerezo by'abantu bizerekeza ku bibi gusa. Turi ku nkengero y'igihe giteye ubwoba, kandi twagombye gukura isomo ku biboneka mu kwiiriza ubusa k'Umukiza.

Kubw'imbaraga zacu ntitwashobora gutsinda irari ribi rya kamere yacu yononekaye. Aho ni ho satani atugeragereza. Kristo yari azi ko umwanzi yaga runono ikiremamuntu cyose yifashishije intege nke yavukanye, maze akihatira gufatira mu mutego w'ibinyoma bye abatiringira Imana bose. Umukiza wacu, mu kunyura mu nzira umuntu agomba kunyuramo, yateguriye ugutsinda kwacu inzira. Imana ntitegeka ko dukwiriye gutsindwa mu rugamba turwana na satani. Imana ntishaka ko dukika intege duterwa ubwoba n'ibitero by'inzoka. Yaravuze ati : « Ni muhumure nanesheje isi¹³. »

Uri mu ntambara arwana n'imbaraga yo gutegeka inda, niyitegereze Umukiza ageragezwa mu butayu. Namwitegereze ababarizwa ku musaraba maze agataka n'ijwi rirenga ngo « Mfite inyota ». Yahanganye n'ibyo dushobora guhura na byo byose. Gutsinda kwe ni ukwacu.

Yesu yishingikirije ku bwenge no ku mbaraga za Se wo mu ijuru. Yaravuze ati : «Kuko Umwami Imana izantabara ni cyo gituma ntamwara, kandi nzi ko ntazakorwa n'isoni. Umwami Imana ni we uzampagarikira.» Kandi mu kwibuka icyitegererezo cye arongeraga ati : «Ninde wo muri mwe wubaha Uwituka? ... Ugenda mu mwijima udafite umucyo, niyiringire izina ry'Uwituka kandi yishingikirize ku Mana ye¹⁴.»

Yesu yaravuze ati : «umutware w'ab'isi araza kandi ntacyo amfiteho¹⁵.» Ibishuko bya satani ntibyamutinyishaga. Ntabwo yemeraga icyaha. Ntiyigeze agwa mu gishuko, yemwe haba no mu bitekerezo. Dushobora gukora nka we. Ubumuntu bwa Kristo bwari isanga n'ingoyi n'ubumana; ukubana n'Umwuka wera byamubashishaga urugamba. Nuko rero icyamuzanye ni ukugira ngo asangire natwe kamere ye y'ubumana. Igihe cyose twomatanye na we ku bwo kwizera, ntabwo icyaha kizatunisha. Imana ikora ku buryo tugundira ubumana bwa Kristo dukoresheje ikiganza cyo kwizera kugira ngo tubashe kugera ku gutungana kw'imico.

Ibyo bishoboka bite? Kristo yarabitweretse. Mu ntambara ye arwana na satani, yakoresheje ubuhe buryo kugira ngo aneshe? Yakoresheje Ijambo ry'Imana. Iryo Jambo ry'Imana ryonyine ryashoboraga kumubashisha gutsinda ibishuko. Yaravuze ati : “handitswe ngo”. Niko rero natwe tuzatsinda, “ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by'igiciro cyinshi, bikomeye cyane, kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y'Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza¹⁶.” Amasezerano yose aboneka mu Ijambo ry'Imana ni ayacu”. Igihe mwugarijwe n'ibigeragezo, ntimugahange amaso ku gihe murimo cyangwa se intege nke za kamere, ahubwo mujye mureba imbaraga y'Ijambo ry'Imana. Imbaraga za ryo ni izanyu. Nicyo cyatumye Umunyezaburi avuga ati : “Nabikiye ijambo rya we mu mutima wanjye kugira ngo ntagucumuraho. Kwitondera Ijambo ry'iminwa yawe, ni ko kumpa kwirinda inzira z'abanyurugomo.”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 4:1-11; Mariko 1 :12,13 ; Luka 4 :1-13.

2. Itangiriro 3 :15.
3. Abaroma 8 :3.
4. Yesaya 52 : 14.
5. Itangiriro 3 :1.
6. Matayo 3 :17.
7. Gutegeka kwa kabiri 8 :2,3.
8. Matayo 6:33.
9. Ibyahishuwe 13: 11-17.
10. Yesaya 33:16.
11. Zaburi 37:19.
12. Habakuki 3:17,18.
13. Yohana 16:33.
14. Yesaya 50:7-10.
15. Yohana 14:30.
16. 2 Petero 1:4. 17. Zaburi 119:11; 17:4.

*** *** ***

13 . KUNESHA



«Maze umwanzi amujyana ku murwa wera amuhagarika ku gasongero k’urusengero aramubwira ati : Niba uri Umwana w’Imana ijugunye hasi kuko handitswe ngo: Izagutegekera abamalaika bayo, bakuramire mu maboko yabo ngo udakubita ikirenge ku ibuye.»

Satani yibwiraga ko noneho ashyize Yesu igorora. Uwo mwanzi wuje uburiganya na we akoresha amagambo ava mu kanwa k’Imana. Yakomeje kwigaragaza nka malayika w’umucyo anatanga ibihamya ko azi Ijambo ry’Imana n’ubwenge afite. Yesu yakoresheje Ijambo ry’Imana kugira ngo ashimangire kwizera kwe, umushukanyi na we aryifashisha kugira ngo atwikire ikinyoma cye. Asa n’ushaka kugerageza ukudahemuka kwa Yesu maze ashimangira gushikama kwe. Kubera ko Umukiza yagaragaje kwiringira Imana kwe, satani yashatse igihamya gishya cy’ibyiringiro bye¹.

Nuko yongera gukoresha ijambo ryo gushidikanya ngo ribanzirize igishuko cye. «Niba uri Umwana w’Imana.» Kristo aba ageragereshejwe gusubiza iryo jambo «niba». Ariko yirinda na gato kubererekera ugushidikanya. Ntabwo yashakaga gushyira ubugingo bwe mu kaga ngo ni ukugira ngo ahe satani igihamya.

Umushukanyi yibwiraga ko ari bushobore kwifashisha ubumuntu bwa Kristo maze akamugusha mu cyaha cyo kwigerezaho. Ariko niba satani aduhendahendera gukora icyaha, ntashobora kukiduhatira! Yabwiye Yesu ati : «Ijugunye hasi»; kuko yari azi ko ubwe atabasha kumujugunya hasi, kuko Imana yari kuhagoboka ikamutabara. Satani ntabwo ashobora na mba guhatira Yesu kwijugunya hasi. Kristo yari kuneshwa ari uko we ubwe yiyemereye igishuko. Imbaraga zose zo ku isi cyangwa ikuzimu ntabwo zashobora kumuhatira gucisha ukubiri n’ubushake bwa Se nubwo yaba intambwe y’intoki.

Umushukanyi ntashobora na rimwe kuduhatira gukora ikibi. Ashobora gutegeka ubwenge bwacu ari uko twemereye imbaraga ye kudukoresha. Kugira ngo satani ashobore kudukoresherezaho imbaraga ze, biterwa nuko ubushake bwacu bubimwemereye, no kwizera kwacu kukareka kwomatana na Kristo. icyakora icyifuzo cyose cyo gukiranirwa twashyonyagije, kimuha aho ashingira ikirenge. Akantu kose kadatunganijwe ku rugero rwa Kristo kamwugururira urugi maze nawe akihutira kuza kutugerageza ndetse no kuturimbura. Ukugwaguza kwacu kose no gutsindwa kwacu kose biha satani urwaho rwo gusuzuguza Kristo.

Ubwo yavugaga iri sezerano ngo : «Izagutegekera abamalayika bayo», satani yari asize aya magambo ngo «bakurinde mu nzira zawe zose». Aribyo bishaka kuvuga ngo mu nzira zose izo Uwiteka yatuyoboyemo. Yesu yanze kuva mu nzira yo kumvira. Mu kwerekana ikimenyetso cy’uko yiringiye Se by’ukuri, ntabwo yashatse kwishyira ahantu hahatira Se kumutabara ngo amukize urupfu. Ntabwo yashakaga kwirengagiza guha umuntu icyitegererezo cyo kwiringira no kwicisha bugufi, ngo ahatire Se kuza kumutabara.

Ahubwo abwira satani ati: «Ntihanditswe ngo: ntukagerageze Uwiteka Imana yawe». Mose yari yarabwiye Abisirayeli aya magambo ubwo bari bafite inyota mu butayu, nuko basaba amazi barataka cyane bati : “Mbese Uwiteka ari hagati muri twe cyangwa ntahari².” Uwiteka yari yarabakoreye ibintu bikomeye; ariko bageze mu kaga batangira kumushidikanya, bituma bifuzaga ikimenyetso cy’uko ari muri bo. Ku bwo kutizera kwabo bashatse kumugerageza. Satani yagiraga Kristo inama yo gukora nk’ibyo. Imana yari yaramaze kwemeza ko Kristo ari Umwana wayo; gusaba ikimenyetso gishyashya cyuko ari Umwana w’Imana byari kuba ari ukugerageza Ijambo ry’Imana, aribyo kugerageza Imana. Ibyo rero byahwana no gusaba Imana icyo itasezeranye. Ibyo byaba ari ukugaragaza kutayizera. Ntabwo dukwiriye gushyira imbere y’Imana ibyo tuyisaba ari ukugira ngo tuyigerageze, ngo turebe ko izasohozwa ibyo yavuze, ahubwo dukwiriye kuyisaba kuko twiringiye ko izabikora, atari ukugira ngo duhabwe ikimenyetso cy’uko idukunda, ahubwo ari uko icyo kimenyetso tugifite. «Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza, kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho ikagororera abayishaka³.»

Kwizera ntabwo kubangikanya no kwiyemera. Ufite kwizera nyakuri wenyine niwe urindwa kwiyemera. Kukwiringira ari ikinyuranyo cya satani cyo

kwizera. Ukwizera kwibutsa amasezerano y’Imana kandi kukera imbuto zo kumvira. Kwirarira nako kwishyuza amasezerano, ariko gukora nk’uko satani abigenza, kugira ngo gutsindishirize icyaha. Ukwizera kwajyaga kuyobora ababyeyi bacu ba mbere maze bakiringira urukundo rw’Imana, bigatuma biringira amategeko yayo, bibwira ko urukundo rwayo rwinshi ruzabarinda ingaruka y’icyaha cyabo. Ntabwo kwizera ariko kudutera gusaba kwemerwa n’ijuru kandi tutujuje ibyo dusabwa bituma duhabwa impano z’ubuntu. Ukwizera kwa katanga ka mbere gufite urufatiro rwako mu masezerano no mu bisabwa n’Ibyanditswe byera.

Akenshi, iyo satani adashoboye kuduteza gushidikanya atugusha mu kaga ko kwiyepera. Iyo abonye twishyira mu nzira y’ibishuko nta mpamvu, aranesha. Imana izarinda abantu bose bagendera mu nzira yo kumvira; kuyivamo ni ukwidegembya mu bukebe bwa satani. Aha tuba twiteguye kugwa nta gushidikanya. Umukiza yatwihanangirije agira ati : “Mube maso musenge mutajya mu moshya⁴”. Kwiga Ijambo ry’Imana no gusenga bishobora kuturinda kwiroha twebwe ubwacu mu nzira y’akaga no kuturinda ngo tudatsindwa.

Ntidukwiriye gucika intege igihe ikigeragezo kitwugariye. Akenshi iyo turi mu bihe bikomeye, dushidikanya ko yaba ari umwuka w’Imana watuyoboye. Nyamara Umwuka ni we wayoboye Yesu kuja mu butayu kugira ngo ageragerezwe yo na satani. Iyo Imana yemeye ko tugeragezwa, iba idufitiye umugambi mwiza: ntabwo Yesu yibwiye iby’amasezerano y’Imana ngo we ubwe yirohe mu kigeragezo kandi nta nubwo yemeye gucika intege igihe ikigeragezo cyari kije; tumukureho icyitegererezo. “Imana ni iyo kwizerwa, kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n’ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira.” Yarongeye ati : “Utambire Imana ishimwe, uhigurire Isumba byose umuhigo wawe! Kandi uzanyambaze ku munsu w’amakuba n’uw’ibyago. Nzagukiza nawe uzanshimisha⁵”.

Yesu yanesheje mu kigeragezo cye cya kabiri: maze gituma satani agaragaza kamere ye nyakuri. Ntabwo yagaragaye mu ishusho y’igisimba giteye ubwoba cyaba gifite amajanja n’amababa nk’ay’agacurama. Nubwo yaguye, aracyari malayika ukomeye. Yiyita umutware w’abigometse n’imana y’iy’isi. Satani amaze guhagarika Yesu ku musozi muremure amunyuzza imbere mu ipica ubwami bw’iyi si n’icyubahiro cyayo cyose. Izuba ryarasaga ku migi n’insengero z’agahano n’ingoro z’amabuye y’igicro cyinshi n’imirima irumbuka

cyane ndetse n'inzabibu zihunze imbuto. Ibisigisigi by'ibibi byari bihishwe. Amaso ya Yesu, mu kanya yahoze areba ibibi n'ubwihebe noneho yitegereza ipica y'ubwiza butagereranywa ndetse n'uburumbuke. Nuko ijwi ry'umushukanyi ryumvikana rigira riti: "Ndaguha ubu butware bwose n'ikuzo ryabwo, kuko arinjye wabugabanye, kandi mbugabira uwo nshaka, nuko numpfukamira ukandamya, buriya bwose buraba ubwawe."

Mu mibabaro gusa niho Yesu ashobora gusohoreza inshingano ye. Imibereho yuje imibabaro, imiruhu ndetse n'intambara nibyo byamushyizwe imbere, bisozwa n'urupfu ruteye isoni. Birakwiriye ko yikorera ibyaha by'abari mu isi bose. Akwiye kwemera gutandukanywa n'urukundo rwa Se. None dore umushukanyi aratura Yesu ububasha yibye. Kristo yashoboraga gukira akaga kazaza, yemera ubutware bwa satani. Ariko gukora atyo kwari ukwiyambura ukunesha mu ntambara ikomeye. Igihe satani yageragezaga kwishyira hejuru y'Umwana w'Imana mu ijuru, yaracumuye. Noneho iyo abigeraho, ubugome bwari kuba bunesheje.

Mu kubwira Kristo ko yahawe ubutware n'ubwiza bw'iy'isi, kandi ko abigabira uwo ashaka, satani yahamije ikintu cy'ukuri ho agace, kandi umugambi we ni uwo kubeshya. Ubutware satani afite yabunyaze Adamu kandi Adamu nawe yategekeraga Umuremyi. Ntabwo yari umwami wigenga. Isi ni iy'Uwiteka, kandi Imana yashyize byose mu maboko y'Umwana wayo. Adamu yari yarahamagariwe kuyoborera muni y'amategeko ya Kristo. Igihe Adamu yahaga satani ubutware bwe, Kristo we yakomeje kuba Umwami uganje. Nicyo cyatumye Imana ibwira Nebukadinezari iti: «Isumba byose niyo itegeka ubwami bw'abantu... kandi ibugabira uwo ishatse⁶». Satani ashobora gukoresha ubutware yibye ari uko gusa Imana ibimwemeraye.

Mu guha Kristo ubutware bw'iy'isi n'ikuzo ryabwo, Satani yari agendereye kumutera kureka uburenganzira bwe bwa cyami, kugira ngo noneho ategeke ari muni y'ubuyobozi bwe. Ubwo nibwo buyobozi kwasaga nubwo abayuda bifuzaga. icyifuzo cyabo gikuru cyari icyo gutwara isi. Iyo Kristo aza gukunda ubwami bumeze butyo bari kumwakirana ubwuzu butangaje. Ariko umuvumo w'icyaha n'ibibi byawo byose ari byo ngaruka, bikaremerera iyi si. Nicyo cyatumye Kristo

abwira umushukanyi ati : «Genda satani! Kuko byanditswe ngo : uramye Uwiteka Imana yawe, abe ariyo ukorera yonyine.»

Ubwami bw'iyi si buhabwa Kristo n'uwari warigometse mu ijuru, ngo abigurane icyubahiro cy'amahame y'ikibi. Ariko Yesu ntarakemera gushukwa. Yari yazanywe no gushyiraho ingoma yo gukiranuka kandi ntiyashakaga kunamuka ku mugambi we. Satani agerageresha abantu icyo gishuko, ariko noneho akarushaho gutsinda. Abaha ubwami bw'iyi si, gusa bapfa kwemera ubutware bwe. Abateguka kwemera kwikubira, bakigizayo ukubonera maze bakiyibagiza uburenganzira bw'umutimanama. Kristo abahugurira kubanza gushaka ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ariko Satani we abahagarara iruhande maze akabongorera mu matwi ati: "Uko iby'ubugingo bw'iteka byamera kose, kugira ngo mubashe kunesha hano ku isi mugomba kunkorera. Umunezero wanyu uri mu maboko yanjye. Nshobora kubaha ubutunzi, umunezero, ibyubahiro, ndetse n'ihirwe. Nuko rero mwumvire inama zanjye. Nimureke gutwarwa n'intekerezo z'amashyengo zo kubonera no kwiyaanza nzabugururira inzira." Uko niko abantu benshi bayoba. Bemera kubaho bakorera inarinjye maze satani akishima. Mu gihe abakuruza ibyiringiro by'ubutware bw'iyi si, yibonera ubwami bwo gutegeka imitima yabo. Nyamara abaha ibyo adateguka, kuko bidatinze azabyamburwa. Ingaruka yabyo ni uko abanyaga ububasha bw'umurage w'abana b'Imana.

Igihe satani yavuganaga na Yesu yari yateje gushidikanya ko Yesu ari Umwana w'Imana. Uburyo satani yasezerewemo bumuha igihamba adashobora guhakana. Ubumana burabagirana muri uwo muntu wari urembejwe cyane, satani ntiyagira ubushobozi na buke bwo kurwanya iryo tegeko. Arembejwe n'isoni n'uburakari ahita ava imbere y'Umukiza. Kristo yari amaze gutsinda rwose nk'uko Adamu yari yatsinzwe rwose.

Natwe rero dushobora gutsinda ibigeragezo maze tugateguka satani akaduhunga. Yesu yatsindishije kwizera Imana no kwicisha bugufi, kandi akoresheje intumwa aratubwira ati : «Nuko rero mugandukire Imana, ariko murwanye satani nawe azabahunga. Mwegere Imana nayo izabegera⁷.» Ubwacu ntidushobora gucika imbaraga z'umushukanyi, yanesheje ikiremwa muntu kandi nitugerageza kwirwanirira ubwacu, tuzahinduka umuhigo w'uburiganya bwe; ariko «Izina ry'Uwiteka ni umunara ukomeye umukiranutsi awuhungiramo agakomera⁸.»

Satani ahinda umushyitsi kandi ahunga umuntu naho yaba ari umunyantega nke hanyuma y'abandi, iyo ashatse ubuhungiro muri iryo zina ry'Ushobora byose.

Nuko umwanzi amaze kugenda, Yesu arushye kandi ananiwe yitura hasi. Abamalayika bo mu ijuru bari bitegereje iyo ntambara, bareba uburyo umutware wabo bakundaga cyane yihanganaye imibabaro itavugwa kugira ngo atubonere agakiza, yihanganira ibigeragezo binini cyane, kuruta ibindi byose twazahura na byo. Abamalayika baraza bakorera Umwana w'Imana wasaga naho agiye kunogoka. Bamukomereshya ibyo kurya, bamukomereshya ubutumwa bwiza bw'urukundo rwa Se. Bamwizeza ko ijuru ryose ryasangiye nawe ukunesha kwe, Yesu amaze kugarura ubuyanja, umutima we wagutse wongera kuzurwa n'impuhwe afitiye umuntu, maze yitegura gukomeza umurimo wari watangiwe, kandi ntabwo azacogora kugeza atsinze umwanzi agacungura umuntu.

Igiciro cy'ugucungurwa kwacu kizahabwa agaciro kacyo nyakuri igihe abacunguwe bazaba bahagararanye n'Umucunguzi wabo imbere y'intebe y'Imana. Mu gihe ibitekerezo byacu bizaba byatwawe bishimishijwe n'ubwiza bw'iwacu h'iteka, nibwo tuzibuka ko Yesu yasize byose kubwacu, agasiga ibikari byo mu ijuru ; ariko ikiruta ibyo, yemeye kurwana azi ko atsinzwe byatuma arimbuka by'iteka ryose. Ubwo nibwo tuzajugunya amakamba yacu ku birenge bye maze tukaririmba indirimbo ngo : «Umwana w'intama watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware n'ubutunzi n'ubwenge n'imbaraga no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe⁹.»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 4:5-11; Mariko 1:12,13; Luka 4:1-13.
2. Kuva 17:7.
3. Abaheburayo 11:6.
4. Mariko 14:38.
5. 1 Abakorinto 10:13; Zaburi 50:14,15.
6. Danieli 4:17.
7. Yakobo 4:7,8.
8. Imigani 18: 10.
9. Ibyahishuwe 5:12.

*** **

14. TWABONYE MESIYA



Yohana Umubatiza yigishirizaga kandi abatiriza i Betabara niho hitwa i Betaniya, hakurya ya Yorodani, bugufi bw'aho Imana yahagarikiye amazi y'uruzi rwa Yorodani kugira ngo Abisiraeli bashobore kwambuka. Aho hari bugufi bw'inkike za Yeriko ya yindi yasenye n'ingabo zo mu ijuru. Urwibutso rw'ibyo byahabereye rwatumye bagirira amatsiko menshi ubutumwa bwa Yohana umubatiza. Mbese aho ntiyari igiye kongera kugaragaza imbaraga zayo kubohoza Abasirayeli, yo yakoze ibikomeye mu gihe cyashize? icyo gitekerezo gikangura imitima y'abantu benshi, maze uko bukeye nuko bwije inteko nini igateranira ku nkombe z'uruzi rwa Yorodani¹.

Ibyigisho bya Yohana Umubatiza byahagurukije ishyanga ryose, udasize n'abayobozi b'idini. Abaroma batangiye gukuka akaga ko kwivumbagatanya kubera amateraniro ya rubanda; ikintu cyose cyashoboraga gutuma rubanda rwivumbagatanya, cyahangayikishaga cyane abateguka b'ishyanga ry'Abayuda. Yohana ntabwo yigeze asaba uruhusa inama nkuru y'Abayuda, kugira ngo abone uko akora umurimo we; ndetse mu byigisho bye, yacyahaga abategutsi na rubanda, agacyaha abafarisayo udasize n'abasadukayo. Ariko rubanda rwose bamukurikiraga bafite umwete mwinshi. Bari bitaye cyane ku murimo we. Nubwo atigeze yiyambaza ubwo buyobozi bwamufataga nk'uri muni y'ubucamanza bwabwo, nk'umwigisha ukora imirimo rusange.

Iyo nteko nkuru, ubusanzwe yayoborwaga n'umutambyi mukuru, ikaba igizwe n'abantu batoranijwe mu bafite uburenganzira ku butambyi, no mu bantu

bakuru ndetse n'abigishamategeko b'iryo shyanga. Babaga ari abantu bazobereye mu by'idini kandi bazi neza amateka y'imihango ya kiyuda, bafite ubumenyi rusange kandi nta busembwa na buto bafite ku mubiri, bagombaga kuba bose bararongoye kandi bafite abana, ibyo bigatuma bakekwaho n'ubwenge.

Bateraniraga mu cyumba cyometswe ku rusengero rw'i Yerusalemu. Igihe ishyanga ry'abayuda ryari rifite ubwigenge, inama nkuru y'Abayuda yari urukiko rw'ikirenga rw'iryo shyanga, ikagira ubutegetsi bwa Leta, ibufatanije n'iby'idini. Muri icyo gihe rero nubwo iyo nama yari munsu y'ubuyobozi bw'abatega b'abaroma, yakomeje kugira imbaraga mu miyoborere y'ubutegetsi bw'igihugu no mu by'idini.

Nuko rero Inama nkuru y'Abayuda ntiyajyaga kwihanganira kudasobanuka iby'imirimu ya Yohana Umubatiza. Bamwe bibukaga iyerekwa ryahawe Zakariya mu rusengero n'ubuhanuzi uwo mukambwe yerekanye bwerekeranye n'umuhungu we, kuba ari integuzi ya Mesiya. Umugabane munini w'ibyo bintu wari waramaze kwibagirana kubera intugunda n'imihindagurikire yari yarabaye mu myaka mirongo itatu yarimo irangira. Nuko ibyo bigarurwa mu bitekerezo n'ibiri kuba bitewe n'ubutumwa bwa Yohana Umubatiza.

Hari hashize igihe kirekire mu Isiraeli hadaherutse umuhanuzi, hari hashize igihe kirekire nta bugorozi babona buhanye nubwo barimo kureba. Kurarikira abantu kwihana, byari bibaye bishya mu matwi yabo, bibakabakaba ku mitima. Abatware benshi barifataga ntibajye kumva impuguro no gucyaha bya Yohana, batinya ko ahari byabatera guhishura ibihishwe byakororwaga mu mibereho yabo. Yohana yatangazaga ibya Mesiya ku buryo bunonosoye. Abo batware bari bazi neza ko ibyumweru mirongo irindwi byo mu buhanuzi bwa Danieli bazarangirana no guhishurwa kwa Mesiya, ibyo byumweru bikaba byari bigiye gushira kandi ishyushyu ryo kwinjira muri icyo gihe cy'ubwiza bwa Isirayeli cyari gitegerejwe muri rusange, ryumvikanaga impande zose. Umunezero wa rubanda wari ugiye gutuma inama nkuru yemera cyangwa igahakana umurimo wa Yohana. Ububasha bw'iyi nama kuri rubanda bwari bugiye kugabanuka. Igisigaye kwari ukumenya uko ikwiriye kwifata. Nuko kugira ngo ibone uko ifata icyemezo, hoherezwa intumwa kuri Yorodani zigizwe n'abatambyi n'abalewi kugira ngo baganire n'uwo mwigisha mushya.

Inteko nini y'abantu yari itegeye amatwi amagambo ya Yohana igihe izo ntumwa zahageraga. Nuko abo bigishamategeko b'agasuzuguro batambukana icyubahiro, bagendereye gutangaza rubanda no gucecekesha uwo muhanuzi. Kubwo kububaha tutavuze kubatinya, abantu babaha rugari. Ibyo bikomerezwa byambaye gikungu kandi bitewe ishema n'umwanya wabyo ndetse n'icyubahiro bihagarara imbere y'umuhanuzi aho mu butayu.

- Wowe uri nde? Uko niko bamubajije.

Yohana yiyumvishije ibyo batekereza niko kubasubiza ati : «Sijye Kristo.» - Noneho tubwire uri Eliya?

- Nawe ati : “Sindi we. - Bati uri umuhanuzi?

- Arabasubiza ati : « Oya »

- None se uri nde ngo dusubize abadutumye ?

- Ati : « Ndi ijwi ry'urangururira mu butayu ngo : nimugorore inzira y'Uwiteka,

nk'uko umuhanuzi Yesaya yabivuze.

Yohana yerekezaga ku buhanuzi bw'agatangaza bwa Yesaya ngo: « Nimuhumurize abantu banjye, nimubahumurize. Niko Imana yanyu ivuga. Muvuge ibyururutsa imitima y'ab'i Yerusalemu, mukomeze mubabwire ko intambara zaho zishize kandi ko gukiranirwa kwaho hakubabariwe, n'ibyaha byaho byose ko hababariwe n'Uwiteka....Ijwi ry'urangurura mu butayu ngo nimutunganirize Uwiteka inzira! Mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa mu kidaturwa! Igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n'agasozi bizaringanizwa, n'ahagoramyeye hazagororoka n'inzira zidaharuwe zizaharurwa. Maze icyubahiro cy'Uwiteka kizahishurwa kandi abantu bose bazakibonera rimwe².“

Kera iyo umwami yatemberaga mu turere tudakunze kunyurwamo, abantu boherezwaga imbere y'igare ry'umwami kugira ngo baringanize udusozi no kuzura ahataranganire kugira ngo umwami agende ahantu hameze neza hatarimo inkomyi. Uwo muhango niwo pica umuhanuzi yifashishije kugira ngo agaragaze neza umurimo w'ubutumwa bwiza. «Igikombe cyose kizuzuzwa, kandi umusozi wose n'agasozi kose bizaringanizwa.» Iyo Umwuka w'Imana ukoze ku mutima n'imbaraga yawo itanga ubugingo, inariye ya kimuntu icishwa bugufi. Gukunda iby'isi, umwanya w'icyubahiro n'ububasha bita agaciro kabyo kose. «Dukubita hasi impaka z'ikintu cyose cyishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana³», dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose ngo tubigomorerere

Kristo.» Ukwicisha bugufi n’urukundo rwitanga muri rusange bidashimwa n’abantu, noneho bihabwa agaciro kabyo kose. Uwo niwo murimo w’ubutumwa bwiza, Yohana akaba yari azanye igice cyabwo.

Abigishamategako bakomeza ibibazo byabo bagira bati: «None se ubatiriza iki ko utari Kristo, ntube na Eliya, ntube n’umuhanuzi?» Amagambo ngo : «umuhanuzi.», yarengerezaga kuri Mose. Abayuda bari biteze ko Mose yaba azazuka mu bapfuye maze akajyanwa mu ijuru. Ntabwo bari bazi ko yazutse kera. Nuko igihe Yohana atangiye umurimo we, benshi bibwira ko ahari ari umuhanuzi Mose wazutse; kuko amagambo ye yagaragazaga ko azi neza ubuhanuzi bwose n’amateka bya Isirayeli.

Na none kandi bakekaga ko Eliya azigarukira ubwe mbere yuko Mesiya ahishurwa. Yohana yahakanye ko atari Eliya avuguruza iby’iryo tegereza bari biteze; nyamara amagambo ye yari afite ubusobanuro bwimbitse. Bidatinze Yesu yagombaga kuvuga ibya Yohana agira ati : “Niba mushaka kubyemera niwe Eliya wahanuwe ko azaza⁴.” Yohana yaje mu mwuka no mu mbaraga bya Eliya, kugira ngo akore umurimo uhwanye n’uwe. Uwo murimo wari kugira amaherezo meza mu Bayuda iyo bamwakira. Ariko ntibemeye ubutumwa bwe. Ntibamwakiriye nka Eliya. Nicyo cyatumye atarashohoje muri bo inshingano ye yari yahawe.

Mu bari bateraniye ku ruzi rwa Yorodani bakibonera uburyo Yesu abatizwa, bamwe muri bo icyo kimenyetso cyarabakanguye. Mu mezi yari yabanjirije ibyo benshi bari barirengagije umuhamagaro wa Yohana wabararikiraga kwihana, byakorwaga n’umurimo we. Ibyo bituma banangira imitima yabo maze bahumiriza n’amaso yabo. Nicyo cyatumye batarasobanukiwe n’ubuhamya ijuru ryatanze kuri Yesu igihe yabatizwaga. Amaso yabo ntiyahindukiranye ukwizera ngo bayahange ku bitagaragara; ni cyo cyatumye batitegereza icyubahiro cy’Imana, nuko amatwi yabo atari yarigeze yumva ijwi ryayo, ntiyashobora kumva amagambo y’ubwo buhamya. Uko niko bimeze no mu gihe cyacu. Akenshi Yesu n’umurimo w’abamarayika bigaragara mu materaniro, ariko abenshi ni abatabibona. Nta bidasanze bayabonamo. Nyamara, Umukiza aba ahari agahishurirwa bamwe gusa. Amahoro n’ibyishimo bigasaba mu mitima yabo. Barakomezwa, bagahumirizwa kandi bagahabwa umugisha.

Intumwa z’i Yerusalemu zari zabajije Yohana ziti : “None kuki ubatiza ?” Bategereza igisubizo. Mu kanya akiraranganya amaso mu bantu, mu maso he hararabagirana, umubiri we wose wuzura imbaraga. Arambura ukuboko maze arangurura ijwi ati : “Jye ndabatarisha amazi, ariko muri mwe hahagaze uwo mutaramenya. Uwo niwe unsimbura. Kandi ntibinkwiriye gupfundura udushumi tw’inkweto ze⁵.”

Ubwo butumwa busobanutse neza bwari bukwiye gushyirwa inama nkuru ariyo Sanedrine. Amagambo ya Yohana nta wundi yashoboraga kuvuga uretse Uwasezeranywe kuva kera cyane. Mesiya yari ari muri bo! Abatambyi n’abakuru barebana bumiwe, bararanganya amaso hose bizera ko baza kubona uwo Yohana yababwiye. Ariko ntibashoboraga kumurobanura muri iyo nteko.

Mu gihe cy’umubatizo wa Yesu, ubwo Yohana yamwerekanaga ko ariwe Mwana w’intama w’Imana, umucyo mushya wongeye kugaragaza neza umurimo wa Mesiya. Nuko aya magambo y’umuhanuzi Yesaya yongera kugaruka mu bwenge bw’umuhanuzi ariyo aya ngo : “Nk’uko intama ijyanwa mu ibagiro⁶.” Mu byumweru byakurikiyeho, Yohana yihatira kongera kwiga ubuhanuzi ndetse n’ibygisho bitangwa n’umurimo w’ibitambo. Ntiyari asobanukiwe neza muri iyo mirimo yombi igikorwa cya Kristo ugomba kubabazwa kugeza aho abaye igitambo maze akazagaruka ari Umwami w’umuneshi; ariko asobanukirwa ko ukuza kwa Mesiya gufite ubusobanuro bwimbitse ubwo abatambyi na rubanda rwose batamenye. Nuko abonye Yesu agarutse avuye mu butayu ari muri rubanda yibwira ko ari buhe rubanda ikimenyetso gihamya uwo ari we by’ukuri. Ategerezanya amatsiko kumva Umukiza avuga ibyerekeranye n’umurimo we, ariko nta mvugo nta kimenyetso gifatika cy’umurimo we. Yesu nta gisubizo yatanze ku byo Yohana yari yamenyesheje, ahubwo anezezwa no kwivanga mu bigishwa ba Yohana nta kimenyetso gifatika kidasanzwe cy’umurimo we, ndetse nta n’uwo yarangaje.

Bukeye bwaho Yohana abona Yesu aza aho ari. Umucyo w’icyubahiro cy’Imana ugota uwo muhanuzi, maze arambura ukuboko kwe aravuga ati : “Nguyu Umwana w’intama w’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi. Uyu niwe navuze nti : “Nyuma yanjye hazaza umugabo unduta ubukuru..., icyakora sinari muzi, ariko kugira ngo yerekwe Abisirayeli; nicyo cyatumye nza mbatirisha amazi... nabonye

Umwuka umanuka uva mu ijuru usa n'inuma atinda kuri we. ... Nanjye mbibonye mpamya ko ari Umwana w'Imana⁷."

Mbese uwo yari Kristo? Abantu bitegerezanya ubwoba no gutangara uwo bari bamaze kubwirwa ko ari we Mwana w'Imana. Amagambo ya Yohana yari yamaze gutera amatsiko mu bantu. Yari yaravuze mu izina ry'Imana. Uko bukeye n'uko bwije bamutegaga amatwi, acyaha ibyaha, kuko bemejwe rwose ko ari intumwa yavuye mu ijuru. Ariko se, uwo Yohana yavugaga ko amuruta yari nde? Ku bigaragarira amaso nta cyerekanaga urwego rwe. Yari yambaye nk'uko abakene bose bambara, yagaragaraga nk'umuntu usanzwe.

Bamwe mu bari aho, igihe Yesu yabatizwaga bari babonye ubwiza bw'Imana bumva n'ijwi ryayo. Ariko kuva icyo gihe ishusho y'Umukiza yari yarahindutse cyane. Mu mubatizo we, abantu babonye uko yari yahinduwe n'imbaraga y'umucyo uvuye mu ijuru; ariko ubu bwo yari ananiwe, yananutse, mu maso herurutse. Yamenywe na Yohana umuhanuzi wenyine.

Abantu, bamwitegereje bamwegereye, babona mu maso he impuhwe z'ubumana zihuriyemo n'imbaraga z'umubiri. Indoro ye n'imimerere ye byagaragazaga ukwicisha bugufi ndetse n'urukundo rutagereranywa. Yasaga n'ugoswe n'imbaraga iganza y'Umwuka. Yesu, ukundwa, nta kwigaragaza mu migenzereze ye, muri we hagaragazaga imbaraga yihishe nyamara inagaragara. Mbese koko uwo niwe Abisirayeli bari barategereje igihe kirekire?

Yesu yaje yigize umukene cyane kandi yicishije bugufi kugira ngo atubere icyitegererezo n'Umucunguzi. None se yari gushobora ate kwigisha guca bugufi iyo aza ashagawe bya cyami? None se yari kugaragaza ate amahame atangaje nk'ayari mu cyigisho cyo ku musozi w'imigisha? Ibyiringiro by'abantu bacyiye bugufi byari guturuka he iyo Yesu aza kuza akabaho nk'Umwami mu bantu?

Nyamara mu maso y'inteko y'abantu byasaga n'ibidashoboka ko uwo Yohana abarangiye yashobora gukora ibikomeye bingana bityo. Ni yo mpamvu abantu benshi bacitse intege, maze bahera mu gihirahiro.

Abatambyi n’abigishamategako bari bategereje ko Yesu asohoza isezerano ryo kwegura ubwami bwa Isiraeli bwaseniyutse, ntiryasohora. Bari bategerezaniye igishyika cyinshi umwami waza ameze atyo, kandi baba baramwakiriye. Ntabwo bari biteguye kwakira uwashakaga kwimika mu mitima yabo ubwami bwo gukiranuka n’amahoro.

Bukeye na none, Yohana ari kumwe na babiri mu bigishwa be iruhande rwe, yongera kubona Yesu muri iryo teraniro. Nanone umucyo w’Itaboneshwa amaso urasira mu maso y’uwo muhanuzi, maze atera hejuru ati : «Nguyu Umwana w’Intama w’Imana!» Nubwo abo bigishwa batasobanukiwe neza n’ayo magambo, ariko yacengeye imitima yabo. Iri zina Yohana avuze ngo: «Umwana w’intama w’Imana» bishatse kuvuga iki? Yohana ntacyo yarisobanuyeho.

Abo bigishwa basiga Yohana, maze bajya gushaka Yesu. Umwe muri bo ni Andreyana umuvandimwe wa Simoni; undi ni Yohana umubwirizabutumwa. Abo nibwo bahindutse abigishwa ba mbere ba Yesu. Bashorewe n’imbaraga ikomeye, bakurikira Yesu, bifuzaga kuganira nawe, ariko bagenda bikandagira kandi bacecetse, bameze nk’abari batwawe no kwibaza ku gitekerezo cyari kibasabye: “Mbese koko ni Mesiya?”

Yesu yamenye ko akurikiwe n’abigishwa. Nibo babaye umuganura w’umurimo we; mbega ukuntu umunezero wabaye mwinshi ukuzura mu mutima w’uwo Mwigisha wavuye mu ijuru, ubwo yabonaga iyo mitima yakiriye umuhamagaro w’ubuntu bwe ! Yesu arahindukira maze arababaza ati : “Murashaka iki?” Yari abahaye uburenganzira bwo kwigendera cyangwa se gusobanura icyifuzo cyabo.

Icyo gihe bari bafite umugambi umwe gusa. Kuba hamwe nawe ni byo byari byuzuye ibitekerezo byabo. Nuko baramubwira bati : “Rabi, ucumbitse he?” Ikiganiro gito bagiriye mu nzira nticyari kuba gihagije kubagezaho ibyo bifuzaga. Bifuzaga kuba bonyine bicaranye na Yesu, bicaye ku birenge bye, bakumva amagambo ye.

Arababwira ati : “Nimuze murahabona”. Barajyana babona aho acumbitse, ... baherako bamarana umwanya na we burira.”

Iyo Yohana na Andrey a baza kugira umutima utizera nk'abatambyi n'abakuru, ntibari kwicara ku birenge bya Yesu nk'abigishwa. Iyo baza kwigira nk'abacamanza, bari gucenshura amagambo ye mu buryo bukomeye. Uko niko benshi birengagiza igihe cy'igicro nk'icyo. Abo bigishwa ba mbere bemeye irarika ry'Umwuka wera ryakoreye mu cyigisho cya Yohana Umubatiza. Nuko icyo gihe basobanukirwa neza n'ijwi ry'Umwigisha waturutse mu ijuru. Amagambo ya Yesu yasaga n'ayuzuyemo ubuyanja, ukuri ndetse n'ubwiza. Umucyo w'Imana wabasobanuriye ibyigisho biri mu Isezerano rya Kera. Amapica menshi anyuranye y'ibyigisho by'ukuri yahawe umucyo mushya.

Umutima umenetse, ukwizera n'urukundo ni byo bibashisha umuntu kwakira ubwenge buva mu ijuru. Ukwizera gukorera mu rukundo ni urufunguzo rw'ubwenge. Umuntu wese «ukunda azi Imana⁸.»

Umwigishwa Yohana yari umuntu ufite urukundo rwinshi w'umunyamurava kandi agakunda no kwitegereza. Yari yatangiye kubona ubwiza bwa Kristo, atari ubwiza bw'inyuma bugaragarira amaso cyangwa icyubahiro cy'isi bari baramwigishije ko bazamubonana, ahubwo «Ubwiza bw'Umwana w'ikinenge wa Se, wuzuye ubuntu n'ukuri⁹.» Akomeza gutekereza kuri iyo ngingo, yatwawe umutima.

Andrey a yifuzaga kugeza umunezero wari wuzuye mu mutima we kuri mwene se Simoni, arirukanka ajya kumushaka. Amubonye aramubwira ati : «Twabonye Mesiya». Simoni ntiyategereza irindi ririka. Nawe yari yarumvishe icyigisho cya Yohana Umubatiza, nuko yihutira gusanga Umukiza. Amaso ya Kristo akimugeraho asoma imico ye n'amateka y'ubuzima bwe. Muri kamere ye yarashyanukaga, umutima we warakundaga, akagira ishyaka, uburyo yiyiringiraga, ukugwa kwe no kwihana kwe, ibikorwa bye n'uburyo azarenganirizwa Yesu, Umukiza arabisoma byose, maze aramubwira ati: «Uri Simoni mwene Yona, Uzitwa Kefa, bisobanura Ibuye.»

Bukeye Yesu «ashaka kujya i Galilaya abona Filipino; aramubwira ati : Nkurikira». Filipino yumvira itegeko rya Yesu, maze ako kanya yinjira mu murimo we.

Filipo ahamagara Natanaeli. Uyu Natanaeli yari muri ya nteko y'abantu igihe Yohana umubatiza yerekana Yesu, akamwita Umwana w'intama w'Imana. Nuko yitegereza Yesu agaragaza kutanyurwa. Mbese uriya muntu ufite ibimenyetso by'umuruho n'ubukene, yashobora kuba Mesiya? Nyamara nta cyemezo yafashe cyuko yareka Yesu ; ubutumwa bwa Yohana bwari bwamaze kwiganza mu mutima we.

Igihe Natanayeli yararikwaga na Filipino yari yicaye atuje muni y'igiti ari wenyine, yari ari mu gutekereza ku magambo Yohana yababwiye no ku buhanuzi bwavugaga ibya Mesiya. Yasabaga Imana ngo imubwire neza niba uwo Yohana yavuze koko ariwe Mutabazi, nuko Umwuka Wera amuha igihamba cy'uko Imana yagendereye ubwoko bwayo, ikabwoherereza Umukiza. Filipino yari azi ko inshuti ye yari iri kugenzura ubuhanuzi ; arirukanka amusanga mu bwihisho bwe aho yasengeraga muni y'igiti cy'umutini. Kubera guhishwa n'ibibabi by'umutini, akenshi bajyaga baza gusengera aho hantu hiherereye bari kumwe.

Natanaeli ahita abona igisubizo cy'isengesho rye muri ubu butumwa ngo : « Uwo Mose yanditse mu mategeko, n'abahanuzi bakamwandika twamubonye. » Ariko ukwizera kwa Filipino kwari kugicumbagira, nk'uko bigaragara mu magambo yavuze, aho agira ati : « Ni Yesu w'i Nazareti, mwene Yosefu. » Aya magambo akangura ibyo Natanaeli yibwiraga. Nuko arahakana ati : « Mbese i Nazareti hari icyiza cyahaturuka? »

Filipo ntiyajya impaka. Aramubwira ati : « Ngwino urebe. » Yesu abona Natanaeli aza aho ari, aramubwira ati : « Dore Umwisirayeli nyakuri udafite uburiganya. » Yumiwe, Natanaeli atera hejuru ati : « Wamenyeye he? » Yesu aramusubiza ati : “Filipo ataraguhamagara, ubwo wari muni y'umutini, nakubonye.”

Ibyo byari bihagije. Umwuka w'Imana wari wahamirije Natanaeli mu isengesho rye, igihe yari wenyine muni y'umutini, noneho yari ari kuvuganira nawe mu kanwa ka Yesu. Nuko agishidikanya kandi atarashira urwikekwe Natanaeli yasanze Yesu afite umutima unyuzwe wifuza kumenya ukuri; ako kanya icyifuzo cy'e kirasubizwa. Bidatinze kwizera kwe gusumba uk'uwamurikiye gusanga Yesu.

Nuko Natanaeli aravuga ati : “Rabi, uri Umwana w’Imana koko, ni wowe Mwami w’Abisiraeli.”

Iyo Natanayeli aza kuyoborwa n’abigishamategako, ntaba yarigeze abona Yesu. Ahubwo ni uko yashatse kwirebera no kwigenzurira we ubwe, ibyo nibyo byamubashishije guhinduka umwigishwa. Muri iki gihe abantu benshi bajyanwa kure y’ibyiza kubera uruhande babogamiyeho. Byari kubabera ukundi, bikababera byiza iyo bakunda kuza maze bakirebera.

Nta washobora kumenya ukuri igihe cyose azaba acyiringira ubuyobozi bw’umwana w’umuntu. Dukurikije icyitegererezo cya Natanaeli, dukwiriye kwiga Ijambo ry’Imana twebwe ubwacu kandi dusenga, kugira ngo tubone kumurikirwa n’Umwuka wera. Uwabonye Natanaeli munsu y’igiti cy’umutini, azatwitegereza turi ahiherereye dusenga. Abamarayika baturutse mu isi y’umucyo boherezwa ku bashakashaka amabwiriza y’Imana bicishije bugufi.

Imfatiro za mbere z’itorero rya gikristo zashyizweho n’irarika rya Yohana na Andreyana na Filipo n’irya Natanaeli. Yohana Umubatiza yahaye Kristo babiri bo mu bigishwa be. Umwe muri abo ari we Andreyana yazaniye Umukiza umuvandimwe we. Bukeye Filipo na we arahamagarwa na we ajya gushaka Natanaeli. Ibi byagombye kutwumvisha uburyo ari ngombwa gukoresha imbaraga zacu bwite ngo turehereze ababyeyi bacu, inshuti zacu, abavandimwe bacu ku Mukiza. Hariho bamwe bamaze imibereho yabo yose bavugako bazi Yesu, nyamara batigeze na rimwe bakoresha imbaraga zabo ubwabo ngo bagire uwo bararikira gusanga Umukiza. Uwo murimo bawuharira umuvugabutumwa. Nyamara umubwirizabutumwa nubwo yaba afite imbaraga zingana iki, ntiyabasha wenyine gusohoka inshingano Imana yahaye abizera b’itorero bose.

Hari abantu benshi bakeneye imirimo y’imitima ikunda kandi ya gikristo. Abantu benshi bagiye mu irimbukiro, bari gushobora gukira, iyo abaturanyi babo basanzwe b’abagabo n’abagore baza kugerageza gukoresha imbaraga zabo zisanzwe ngo bagire icyo babamarira. Abantu benshi bategereje ko abantu babasanga bakabibwirira ubwabo. Mu miryango yacu bwite, mu baturanyi bacu, mu midugudu dutuyemo dufite umurimo wo gukora nk’ababwirizabutumwa bakorera Kristo. Niba

turi abakristo by’ukuri, uwo murimo uzadushimisha. Iyo hagize umuntu wihana, mu mutima we havukamo igitekerezo cyo kumenyekanisha inshuti nziza yabonye muri Yesu. Ntabwo ashobora guceceka uko kuri gukiza kandi kweza.

Imitima yose yerejwe Imana izahindurwa inzira zo gukwiza umucyo. Imana irayifashisha ngo igeze ku bandi ubutunzi bw’ubuntu bwayo. Iri sezerano ni iryabo ngo : “Izo ntama zanjye n’imyanya ikikije umusozi wanjye, byose nzabigira ibihesha umugisha kandi nzavubira imvura mu gihe cyayo. Hazagwa imvura y’umugisha¹⁰.”

Filipo abwira Natanaeli ati : “Ngwino urebe.” Ntabwo yamutegetse kwemera ubuhamya bw’undi, ahubwo yamusabye we ubwe kuza kwirebera Kristo. Kuva Kristo amaze kuzamuka akajya mu ijuru, abigishwa be bamuhagarariye mu bantu, kandi uburyo bwiza bwo kumukiriza imitima ni uko imibereho ya buri muni yakwerekana imico ye. Kwemeza abantu kwacu ntabwo guterwa nibyo tuvuga, ahubwo cyane guterwa n’ibyo dukora. Abantu bashobora kurwanya ibitekerezo byacu no guhakana ukuri kwacu, bashobora kwanga irarika ryacu, ariko imibereho yuje urukundo rutikanyiza ni igihamya kidashidikanywa. Ubuzima bumeze butyo burangwa n’ubugwaneza bwa Kristo, ni imbaraga itsinda isi.

Icyigisho cya Kristo cyari imvugo yemeza kandi yashinze imizi, yari ihagaze ku rufatiro rw’ubunararibonye. Abamwigiraho bahinduka abigisha kubwa gahunda y’ijuru. Ijambo ry’Imana rivuzwe n’uwo ryejeje riba rifite imbaraga y’ubugingo ibasha kwireherezaho abaryumva; maze rikabagezaho igihamya cy’ukuri kuzima. Iyo umuntu akunda ukuri yakiriye, abigaragarisha ijwi rye n’imvugo yemeza abandi? Amenyekanisha ibyo yumvise akabibona n’ibyo amaboko ye yikoreyeho birebana n’amagambo y’ubugingo, kugira ngo abandi basabane na we ku bwo kumenya Kristo. Ubuhamya buturuka mu minwa yejeje n’ikara ryo ku rugarama rw’icyotero, bugira ingaruka z’ukuri ku mutima ukunda kwakira uko kuri kandi bweza imico.

Umuntu ushaka kugeza umucyo ku bandi azahabwa imigisha. “Umunyabuntu azabyibuha kandi uvomera abandi na we azavomerwa¹¹.” Imana yashoboraga kugera ku ntego yayo yo gukiza abanyabyaha itatwifashishije; nyamara niba dushaka kugira umutima nk’uwari muri Kristo, tugomba gukorana na yo. Niba

twifuza gusangira umunezero wayo-Umunezero uzanwa no kureba imitima Kristo yicunguriye, dukwiye kugira uruhare mu mbaraga ze zo kukiza.

Amagambo Natanaeli yavuze bwa mbere yerekana kwizera kwe, yari amagambo atyaye kandi y’ukuri, yari indirimbo nziza iryoheye amatwi ya Kristo bituma amusubiza ati : “Mbese wijejwe n’uko nkubwiye yuko nakubonye uri muni y’umutini? Uzabona ibiruta ibyo!” Umukiza yarebanaga umunezero umurimo yari abikiwe : kubwiriza ubutumwa bwiza ku bagwaneza, komora imitima ikomeretse no kubwira imbohe za satani ko zibonye umudendezo.

Atekereje ku migisha y’igiciro cyinshi izagezwa ku bantu, yongera kuvuga ati: “Ni ukuri, ni ukuri ndababwira ko muzabona ijuru rikingutse abamarayika b’Imana bazamuka bavuye ku Mwana w’umuntu bakanamumanukiraho.”

Yesu yaravuze ati : “Ku nkombe za Yorodani ijuru ryarakingutse, maze Umwuka wera uramanuka unzaho umeze nk’inuma, icyo ni ikimenyetso kigaragaza ko ndi Umwana w’Imana. Kwizera kwanyu kuzasubizwamo imbaraga nshya, niba munyizera. Ubwo nibwo muzabona amarembo y’ijuru yuguruwe by’iteka ryose.

Nijye wayabugururiye. Abamaraika b’Imana bazamuka bajyanye kuri Data wa twese wo mu ijuru amasengesho y’imitima iri mu kaga cyangwa ikeneye ubufasha; bamanuka ku isi bazaniye abana b’abantu imigisha n’ibyiringiro n’ubutwari, ubutabazi ndetse n’ubugingo.

Abamarayika b’Imana bahora bacuragana bava mu ijuru baza ku isi kandi bakava ku isi bajya mu ijuru. Kubera umurimo wabo imbaraga z’Imana zikora ibitangaza muri Kristo zitabara abashavuye n’abarembye. Kubw’umurimo wabo, ibyiza byose byo muri Kristo bitugeraho biturutse ku Mana. Mu kwihindura umuntu kwe, Umukiza yahuje inyungu ze bwite n’iz’abahungu n’abakobwa b’urubyaro rwa Adamu baguye, na none kandi kubw’ubumana bwe Yesu afashe ku ntebe y’Imana. Bityo rero Kristo ni we Nzira ihuza abantu n’Imana kandi agahuza Imana n’abantu.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 1:19-51.

2. Yesaya 40:1-5.

3. 2 Abakorinto 10:5.

4. Matayo 11:14.

5. Yohana 1:27.

6. Yesaya 53:7.

Yesu Kristo

7. Yohana 1:29-34.
8. 1 Yohana 4:7.
9. Yohana 1:14.
10. Ezeieli 34:26.
11. Imigani 11: 25.

***** ****

15. KU IFUNGURO RYO MU BUKWE



hafi y'abashyingiwe, imiryango ya Yosefu na Mariya, kandi atumira n'abigishwa be muri ubwo bukwe.

Yongera kubona umubyeyi we, yari amaze igihe atandukanye na we. Ibyari byagaragariye ku ruzi rwa Yorodani igihe Yesu yabatizwaga byari byageze i Nazareti, maze byibutsa Mariya ibyo yari yarabitse mu mutima we igihe kirekire. Mariya yari yaratangajwe cyane n'ubutumwa bwa Yohana Umubatiza; bwari bwarakangaranye Abisirayeli bose, yibukaga ubuhanuzi bwari bwavuzwe mu ivuka rye. Isano Yesu yari afitanye na Yohana imugaruramo ibyiringiro. Ariko yari yananiwe kwisobanurira ubwiru bw'ibyatumye umuhungu we ajya mu butayu.

Kuva uhereye igihe Malayika yamusuraga ari iwabo i Nazareti, yari afite mu bitekerezo bye ibimwemeza ko Yesu ari we Mesiya. Imibereho ya Yesu yuzuye ubugwaneza, itarangwamo inarijye na nkeya nibyo byahaga Mariya igihamba ko uwo ari we woherejwe n'Imana. Ariko nawe yajyaga agira gucika intege ndetse no gushidikanya; yifuzaga kubona umunsi Yesu azagaragaza icyubahiro cye. Urupfu rwari rwamaze kumwambura Yosefu, wari usangiye na we ibanga ry'imivukire

yari Yesu. Nta wundi muntu yari asigaranye yabwira ibyiringiro bye ndetse n'impungenge ze. Amezi abiri aheruka yari yamubereye amezi y'umubabaro mwinshi. Atakimubona kandi impuhwe ze ari zo gihumuriza rukumbi yari asigaranye, asigara atekereza ku magambo yabwiwe na Simiyoni ngo : “ Kandi nawe inkota izagucumita mu mutima²”; nuko yibuka iminsi itatu yamaranye agahinda ubwo yari yabuze umuhungu we burundu, maze afite igishyika cyinshi yari ategereje ko agaruka.

Yongera kumubona mu minsi mikuru y'ubukwe. Yari akiri wa mwana witonda kandi wumvira. Nyamara ntiyari akiri wa wundi. Mu maso he hari hahindutse hagaragaza ibimenyetso by'intambara ikomeye yasakiranye nayo mu butayu, ariko imyifatire y'igitinyiro n'icyubahiro yahishuraga inshingano ye yahawe n'ijuru. Yari aherekejwe n'itsinda ry'abasore bamurebanaga icyubahiro kandi bakamwita Umwigisha. Abo bagenzi ba Yesu barondorera Mariya ibyo babonye n'ibyo bumvise igihe yabatizwaga ndetse n'ibyo mu bindi bihe. Nuko barangiza bavuga bati : «Uwo Mose yanditse mu mategeko, n'abahanuzi bakamwandika, twamubonye³. »

Bakihagera, bamwe mu basangwa basaga n'abafite ikibazo gikomeye kibahangayikishije. Ikintu kimeze nk'ishyushyu cyari kiri mu bantu bose. Abantu biremye amatsinda mato bakaganira bongorerana; kandi amaso y'abanyamatsiko bari bayahanze ku muhungu wa Mariya. Bumvise ubuhamya abigishwa batangaga kuri Yesu, Mariya yibonera ko ibyiringiro yari amutegerejeho atari imfabusa. Aba yarashyizwe hejuru y'abantu bose, iyo agashema ka kibyeyi kativanga n'umunezero we wera. Abonye amaso bose bayahanze kuri Yesu, Mariya yifuza ko yagira ikimenyetso na gito yatanga cy'uko Imana yamwubashye. Mariya yizeraga ko hari buboneke akanya agakora igitangaza bamureba bose.

Ubusanzwe ibirori byamaraga iminsi myinshi. Ibinyobwa bishira mbere y'uko ibirori bihumuza. Ibyo bigaragaye bitera kumirwa no kumwara, kuko nta kamenyero kariho ko kwimaraho vino mu minsi mikuru: aho kubura ibinyobwa ibyiza kwari ukutararika abashyitsi mu birori. Kuko Mariya yari mwene wabo w'abashyingiranywe, yari muri gahunda y'umunsi mukuru; icyifuzo cye agishyira Yesu, aravuga ati : « Nta vino bafite ». Ibyo byari ukumusaba kubarwanaho ku byo bakeneye. Ariko Yesu aramusubiza ati : « Mubyeyi, ibyo tubigendanyemo dute ? Igihe cyanjye ntikiragera »

Icyo gisubizo twabona nkaho gikakaye, nticyasobanuraga kutamwitaho cyangwa kutamwubaha. Imvugo Umukiza yakoresheje asubiza nyina Mariya yari ihuje rwose n'imico y'ab'iburasirazuba. Bifashishaga amagambo nk'ayo bavugana n'abantu, abandi bubaha cyane. Ibikorwa byose byo mu mibereho ya Kristo hano ku isi, byahuzaga rwose n'amategeko ubwe yitangiye ngo : “Wubahe so na nyoko⁴.” Yesu ubwo yari ku musaraba kugira ngo asohoze igikorwa giheruka cy'urukundo yari afitiye nyina, yamubwiye amagambo nk'ayo amuragiza umwigishwa we yakundaga. Mu munsu mukuru w'ubukwe ndetse no hanyuma ubwo yari ku musaraba, urukundo Yesu yagaragarishije imvugo ye, indoro ye, ndetse n'uko yakoraga byari ibyo gusobanura amagambo ye.

Mu bwana bwe, ubwo yagiye mu rusengero, mu gihe ibanga ry'umurimo we ryagaragaraga imbere ye, Yesu yabwiye ababyeyi be ati : “Ntimuzi ko binkwiriye kuba mu rugo rwa Data?⁵». Aya magambo yari akubiyemo gahunda y'imibereho ye yose y'umurimo we. Byose byari bigize umurimo we, uwo umurimo ukomeye wo gucungura umuntu yari aje gusohoreza mu isi. Aho mu bukwe yari yongeye gusubira muri iryo somo. Mariya yari mu kaga ko kwibwira ko kuba yaramubyaye bimuha uburenganzira bw'umwihariko kuri we, bwo kugira ibyo amuyoboraho mu umurimo we. Yesu yarinze agira ubukuru bw'imyaka mirongo itatu, akibereye Mariya umwana umukunda kandi wumvira. Urukundo rwe ntirwahindutse, ariko noneho yari agiye kwita ku nshingano za Se. Nta sano n'imwe ya hano ku isi yashobora kurangaza Umwana w'Isumbabyose mu umurimo we cyangwa ngo igenge imyifatire y'Umukiza w'ab'isi. Akeneye ubwisanzure bwose n'ukwishyira ukizana kose kugira ngo asohoze ubushake bw'Imana. Iki ni icyigisho kuri twebwe: uburenganzira bw'Imana busumba ndetse amasano yose y'abantu. Nta kirangaza na kimwe cya kimuntu kigomba kutuvana mu nzira turarikirwa gucamo.

Ibyiringiro rukumbi byo gucungura abantu baguye bibonerwa muri Kristo; ndetse na Mariya ubwe nta handi yashobora kubonera agakiza atari mu Mwana w'intama w'Imana. Nta mirimo myiza yagombaga kwirata. Isano yari afitanye na Yesu ntiyamuteraga kugira isano irushijeho mu by'umwuka itabonwa n'undi muntu uwo ari we wese. Ubwo nibwo bwari ubusobanuro bw'amagambo y'Umukiza. Yesu yashakaga gushyira itandukaniro rigaragara hagati y'isano afitanye na Mariya

nk'umwana n'iyi kuba Umwana w'Imana. Isano ya kibyeyi yari ibahuje ntiyamuteraga kureshya nawe.

Aya magambo ngo : «Igihe cyanjye ntabwo kiragera » aragaragaza ko ibikorwa byose byo mu mibereho ya Yesu ya hano ku isi, byakorwaga hakurikijwe umugambi wabayeho kuva kera. Mbere y'uko aza hano ku isi umugambi wariho mu bitekerezo bye ukozwe neza kandi unonosoye. Uko yagendagendaga mu bantu, yayoborwaga n'ubushake bwa Se intambwe ku ntambwe. Mu gihe cyategetswe ntiyashidikanyaga kugira icyo akora. Yategerezaga muni y'ubwo bubasha ko igihe kigera.

Yesu, mu kuvuga ko igihe cye kitaragera, yari asubije ibyo Mariya atagaragaje byamubagamo byahoraga mu bwenge no mu mutima akaba yari abisangiye na rubanda rwose. Yizeraga ko agiye kwigaragaza nka Mesiya; maze akima ingoma y'ubwami mu Isiraeli. Ariko igihe cyari kitaragera. Yesu yemeye kubana n'abantu ariko atari umwami; ahubwo ari umunyamibabaro wamenyereye intimba.

Nubwo Mariya atari asobanukiwe neza umurimo wa Kristo; yaramwizeraga by'ukuri. Bityo Yesu asubiza iby'uko kwizera. Kwari ukugira ngo yubahirize ibyiringiro bya Mariya kandi anakomeze ukwizera kw'abigishwa be; niyo mpamvu yakoze igitangaza cye cya mbere. Ibigeragezo byinshi kandi bikomeye byari bigiye kuzajya bizanwa no kutizera kw'abigishwa. Mu maso habo, ubuhanuzi bwerekanaga ko Yesu ari Mesiya; ibyo byari umucyo ntavuguruzwa. Batekerezaga ko abayobozi b'idini bazamwakirana icyizere cyinshi kuruta icy'abigishwa bari bamufitiye. Bamenyeshaga abantu imirimo ye itangaza n'icyizere bari bafitiye umurimo we, ariko bagatangazwa kandi bakanababazwa n'ugushidikanya n'urwikekwe rwashoye imizi, ndetse n'urwango abatambyi n'abigishamategako bafitiye Yesu. Ibitangaza bya mbere Umukiza yakoze byari bifite umugambi wo gukomeza abigishwa imbere y'uko kumurwanya.

Mariya atababajwe na gato n'amagambo ya Yesu, abwira abashinzwe kugabura ati : “Ibyo ababwira byose mubikore.” Akora atyo ibyari bimukwiriye kugira ngo ategurire inzira umurimo wa Kristo.

Ku irembo hari intango esheshatu nini z'amabuye, Yesu ateguka ko bazuzuzamo amazi barabikora. Nuko igihe kigeze cyo gukenera vino, Yesu aravuga ati : "Nimudahe noneho mushyire umusangwa mukuru." Mu ntango, bari basutsemo amazi, badashye bavanamo vino. Yaba nyir'ubukwe yaba n'abatumirwa bose ntibari bamenye ko vino yashize. Nuko umusangwa mukuru asogongeye kuri vino bamuzaniye, asanga ni nziza cyane, iraruta vino zose yigeze kunywa; kandi yari itandukanye cyane na vino babanje kubaha. Abaza umukwe ati : «Abandi bose babanza vino nziza, abantu bamara guhaga bakabona kuzana izitanyoshye; ariko wehoho washyinguye inziza aba ari zo uherutsa. »

Abantu babanza gutanga vino iryoshye, bagaherutsa imbi, uko niko ab'isi bagenza mu mpano batanga. Ibyo batanga bishobora gushimisha amaso, bikanezeza umubiri, ariko ku iherezo nta kunyurwa bizana. Iyo vino iba ishariye umunezero ukijima. Ibyatangiye ari indirimbo n'umusabano, bigasozza ari umunaniro no gusharirirwa. Nyamara, impano zitangwa na Yesu zigumana ubwiza bwazo kandi zihora ari nshya. Ibirori ashyira mu mutima nta na rimwe biba bitanejeje. Impano yose nshyashya itera uyihawe kwakira ibikorwa byiza by'Umukiza. Atanga ubuntu bwe ku buntu. Iwe nta na kimwe kihabuze. Ni muguma muri we, kwakira impano y'igiciro uyu munsu birabategurira kuzakira iziruseho mu gihe kizaza. Itegeko ry'ibanze mu migenzereze y'Imana igirira abana bayo ryagaragaye mu magambo Yesu yavuze, aho yabwiye Natanaeli ati: " Niwizera... uzabona ibiruta ibyo⁶!"

Impano ya Kristo mu birori by'ubukwe, yari ifite ubusobanuro bw'ibanga. Amazi yashushanyaga umubatizo werekana urupfu rwe, vino ni ukumenwa kw'amaraso ye ku bw'ibyaha by'abari mu isi. Abantu nibo bazanye amazi n'amaboko yabo, buzaza intango; ariko ijamba rya Kristo niryo ryazanyemo ukuri gukiza. Uko niko byari bimeze no mu mihango yasuraga urupfu rw'Umukiza. Ntiyashobora kunyura umutima keretse kubw'imbaraga ya Kristo ikorera mu kwizera.

Ijamba rya Kristo ryahagije ibyifuzo byose byo mu birori. Uko niko ubuntu bwe buhagije guhanagura ibyaha by'abantu, bukabaremamo umutima mushya, bukabuzura.

Muri uyu munsu mukuru Yesu yahaye abigishwa be igikombe gisobanura umurimo we w’agakiza kabagenewe. Maze ubwo basangiraga ubuheruka, na none yongerera kubaha icyo gikombe, ashahiraho umuhango wera wagenewe kubibutsa urupfu rwe “ kugeza aho azazira”⁷. Umubabaro abigishwa bagize kubwo kugenda k’Umwami wabo, wacogojwe n’isezerano ryo kongera kumubona. Maze arababwira ati: “Ariko ndababwira rwose ko ntazanywa ku mbuto z’imizabibu mpereye none nkageza umunsu nzasangira na mwe vino nshya mu bwami bwa Data⁸.”

Mu birori by’ubukwe, vino Kristo yatanze kimwe n’iyo yaje guha abigishwa be hanyuma, yashushanyaga amaraso ye bwite, yari umutobe mubisi w’inzabibu. Vino imeze ityo niyo umuhanuzi Yesaya yarengererezagaho avuga iby’iseri, aho yavuze ati : “Nkuko iseri ry’inzabibu rivamo umutobe, bakavuga bati : ntuwurimbure, kuko ugifite umumaro⁹.”

Mu Isezerano rya Kera Kristo ni we ubwe wavuze ko bakwiriye kwitonda, agira ati : “Vino ni umukobanyi, inzoga zirakubaganisha kandi ushukwa nazo ntagira ubwenge¹⁰.” Ntabwo Kristo ari we wari gushobora gutanga ikinyobwa kimeze gityo. Satani yihatira gutera mu bantu ingeso zijimisha ubwenge kandi zigasinziriza ubwonko bwakira iby’umwuka ; nyamara Kristo we atwigisha gutegeka ingeso zose za kamere. Imibereho ye yose yatubereye akabarore n’ukwitegeka ndetse no kwiya. Kugira ngo aneshe imbaraga y’inda yihanganiye ku bwacu ibigerageze birusha ibindi gukomera mu byo bene muntu bashobora guhura na byo. Kristo ni we wari warategetse ko Yohana Umubatiza atazanywa vino cyangwa ikindi gisindisha cyose. Ni we ubwe wari warabwiye umugore wa Manowa ukwirinda kumeze gutyo. Hari umuvumo washyiriweho umuntu uwo ariwe wese uzasindisha mugenzi we. Kristo nta na rimwe yigeze yivuguriza. Vino idasembuye yahaye abari mu birori by’i Kana, yari umutobe mubisi umara inyota, yari igendereye kugaragaza uburyohe butuma umuntu ahembuka.

Kuba abatamirwa bo mu birori baramenye ubwiza bw’iyo vino byabateye ikibazo cyatumye babwira abandi iby’icyo gitangaza. Bwa mbere baratunguwe ntibatekereza ku wakoze icyo gikorwa gitangaje. Nuko nyuma bamushatse, basanga yiyufuye kare ku buryo n’abigishwa be batamenye igihe yagendeye.

Nuko rubanda rwose ruhindukirira abigishwa. Buba bubaye ubwa mbere bagira amahirwe yo kugaragaza uburyo bizeye Yesu. Basobanurira abantu ibyo babonye n'ibyo bumvise kuri Yorodani, nuko imitima y'abantu benshi irakanguka, bizera ko Imana yohereje ubwoko bwayo Umucunguzi. Inkuru y'icyo gitangaza ikwira muri ako karere kose igera i Yerusalemu. Nicyo cyateye abatambyi n'abakuru kugenzura mu Byanditswe byera ngo barebemo ibyerekeye kuza kwa Mesiya. Bifuzaga cyane kumenya umurimo w'uwo Mwigisha mushya ugaragara muri rubanda yicishije bugufi.

Umurimo wa Kristo wari uhabanye cyane n'uw'abakuru b'Abayuda. Uburyo bubahirizaga imihango n'imigenzo byari byaravanyeho ukwishyira ukizana kose. Baterwaga ubwoba cyane no kwiyanduza. Kubera gutinya ikintu cyanduye ntibihunzaga abapagani gusa, ahubwo n'abayuda ba rubanda rwa giseseka, badashaka kugira icyo babamarira cyangwa ngo bagirane ubucuti nabo. Kubera kwita kuri icyo migenzo y'amanjwe bagimbishije ubwenge bwabo maze ntibwashobora kureba kure. Babereye abantu b'ingeri zose icyitegererezo cyo kwikunda no kwikubira ndetse no kuba intababarira.

Yesu agiye gutangira umurimo w'ubugorozi ashiraho isano y'urukundo imuhuza n'abantu bose. Mu kugaragaza icyubahiro gikomeye afitiye amategeko y'Imana, yaciriyeho iteka ukwera kw'ibytiriro kwa gifarisayo maze yihatira kubohora ingoyi z'amategeko adashoboka zari ziboshye rubanda. Yashakaga gusenya inzitiro zatandukanyaga abantu bo mu nzego zose no kubahuriza mu muryango w'abana b'Imana. Kujya mu birori by'ubukwe kwa Yesu kwari intambwe igana muri icyo cyerekezo.

Imana yohereje Yohana mu butayu kugira ngo atihuza n'abatambyi n'abigishamategeko, maze imutegurire umurimo wihariye. Nyamara kwitandukanya n'abandi n'imibereho ye ya wenyine ntibyagombaga kuba urugero rwo gukurikizwa. Ndetse na Yohana ubwe, ntiyigeze ararikira abamwumvaga guta imirimo yabo. Yabahuguriraga gutanga icyitegererezo cyo kwihana nyakuri, bagakiranukira Imana bari aho umuhamagaro wabasanze.

Yesu yaciriyeho iteka kwikunda uko kwaba kumeze kose, kandi yagiranaga umubano mwiza n'abandi. Yemeraga gucumbika ku bo mu nzego zinyuranye z'abantu, akinjira mu ngoro z'abakungu n'utururi tw'abatindi, akinjira mu nzu z'abanyabwenge, n'iz'abaswa kuko yashakaga kubakuramo ibitekerezo bitagira umumaro kugira ngo abatere guhanga amaso yabo ku by'umwuka kandi bihora. Ntiyashyigikira uburangere ubwo ari bwo bwose kandi imyifatire ye ntiyigeze irangwamo n'igicucu cyo kuganzwa n'iby'isi; umunezero we yawuboneraga mu bintu byera, kandi amateraniro y'abantu yezwaga n'uko ayarimo. Ubukwe bwa kiyuda bwari ikintu gikomeye cyane kandi umunezero utewe nabwo nta na rimwe utashimishije Umwana w'umuntu. Yesu mu kujya muri uwo munsu mukuru w'ubukwe, yari yubahirije umuhango wishyiriweho n'Imana.

Mu Isezerano rya Kera no mu Isezerano Rishya, gushyingirwa kugereranya isano yera iri hagati ya Kristo n'ubwoko bwe. Umunezero wazanywe n'ibirori by'ubukwe washyize mu mutima wa Kristo umunezero utangaje azagira urya munsu azinjiza umugeni mu rugo rwa Se, igihe abacunguwe bazinjira mu bukwe bw'Umwana w'intama. Aravugaga ngo : « Nk'uko umusore arongora umukobwa ni ko abahungu bawe bazakurongora ; kandi nk'uko umukwe anezererwa umugeni ni ko Imana yawe izakunezererwa. Ntuzongera kwitwa intabwa... kuko Uwiteka akwishimiye. » « Izakwishimira inezerewe, izaruhukira mu rukundo rwayo, izakunezererwa iririmba ¹¹ ». Ubwo Yohana intumwa yabonaga iyerekwa ry'ibyo mu ijuru, yaranditse ati : « Numva ijwi risa n'iry'abantu benshi, risa n'iry'amazi menshi asuma n'irisa n'iryo guhinda kw'inkuba kwinshi rivuga riti : Haleluya, kuko Umwami Imana iri ku ngoma ! Tunezerwe, twishime, tuyihimbaze kuko ubukwe bw'Umwana w'intama busohoye. Umugeni we akaba yiteguye. Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'intama¹². »

Yesu yabonaga muri buri muntu wese umutima urarikirwa kwinjira mu bwami bwe. Yashyikira imitima yivanga muri rubanda, akabazamo ari umugiraneza. Yabasangaga igihe babaga bibereye mu mirimo yabo ya buri munsu, bashishikajwe n'ibikorwa byabo, agashimishwa no kubafasha. Yinjiraga mu mazu ajyanywe no kwigisha ab'umuryango maze abatuyemo akabaragiza imbaraga y'ijuru. Impuhwe ze yagaragarizaga abamubona, nizo zamubashishaga kwireherezaho abantu. Iyo byabaga ngombwa ko yiyufura, akajya ku musozi gusenga wenyine, kwari ukugira ngo abone uko yitegura imirimo azakorera mu bantu bukeye. Ibyo yabirangiza akaza agahumuriza abarwayi, agahugura injiji no guca iminyururu y'abo satani atwaza igitugu.

Yesu yahuguraga abigishwa be yifashishije ibyo bahura nabyo bya buri muni nibyo bamubonana ubwe. Rimwe na rimwe yabigishaga ari hagati muri bo bari mu ibanga ry'umusozi, ubundi bari ku nkombe z'inyanja cyangwa se bari mu nzira bagenda; akabahishurira ubwiru bw'ubwami bw'Imana. Ntabwo yabwirizaga nk'uko bikorwa muri iki gihe. Ahantu hose imitima yabaga yugururiwe ubutumwa bw'Imana, yabahishuriraga ukuri kuganisha mu nzira y'agakiza. Mu cyimbo cyo kuyoboza abigishwa be amategeko, yarababwiraga ati : “Nimunkurikire.” Mu ngendo ze, yashakaga ko bamuherekeza mu midugudu n'ibirorero, kugira ngo abereke uko yigisha abantu. Inyungu z'abe yazihuzaga n'ize kugira ngo byose bibe umurimo we.

Abantu bose bigisha Ijambo ry'Imana, abantu bose bahawe ubutumwa bw'ubuntu bakwiriye gukurikiza icyitegerezo cya Kristo; urugero yabasigiye ahuza inyungu ze n'iz'abantu. Ntitugomba kwitandukanya n'abandi. Ntidukwiriye kwishyira aha twenyine. Kugira ngo dushobore guhura n'inzego zose z'abantu tugomba kubasanga. Ibihe byinshi ntabwo abantu ubwabo aribo bazaza aho turi. Ku ruhimbi ntabwo ariho honyine ukuri kw'ijuru gushobora gukabakaba imitima y'abantu. Hariho ahandi hantu, nubwo haciye bugufi ariko huzuye amasezerano: aho ni ahacumbikira abakene, no mu ngoro z'abakungu, no ku meza wakiriraho abantu, ndetse no mu materaniro aho abantu banezererwa bitanyuranije n'amategeko.

Niba turi abigishwa ba Kristo, gukunda ibinezeza ntabwo bizadutera kwivanga n'ab'isi ngo dufatanye nabo ibirori byabo by'ubupfapfa. Kukuri ibyo nta zindi ngaruka byagira bitari ikibi. Ntidukwiriye na rimwe gushyigikira icyaha, haba mu magambo yacu cyangwa mu bikorwa byacu ntacyo tuvuze cyangwa se duhari. Yesu akwiriye kuduherekeza aho tujya hose; nuko rero dukwiriye kwereka bese uburyo Kristo atubereye uw'igiciro. Abakingiranira idini yabo inyuma y'inkuta z'amabuye, baba bahombye umwanya w'igiciro wo gukoramo ibyiza. Mu mibanire y'abantu niho ubukristo bubona akanya ko guhura n'ab'isi. Buri muntu wakiriye umucyo w'Imana agomba kumurikira inzira y'abatazi umucyo w'ubugingo.

Twese tugomba guhinduka abahamya Kristo. Imbaraga z'abantu zejeshejwe ubuntu bwa Kristo zigomba gukoreshwa zikiriza Kristo imitima.

Dukwiriye kwereka ab'isi ko tudashishikajwe n'inyungu zacu bwite, ko ahubwo twifuza gusangira n'abandi imigisha n'impano twagabiwe. Bakwiriye kubona ko idini yacu itaduhinduye abatagondeka batwaza igitugu. Abahamya ko babonye Kristo bakwiriye kugenza nka we bagirira abandi akamaro.

Ntidukwiriye na rimwe kwerekana ko abakristo ari abantu bijimye kandi b'abanyabyago. Niduhanga amaso yacu kuri Yesu, tuzabona ko ari Umucunguzi wuje impuhwe kandi tuzamurikirwa n'umucyo we. Ahari ubutware bw'Umwuka, amahoro arasendera. Nuko hazaba umunezero utewe no kwizera Imana.

Kristo anezezwa no kubona abigishwa be nubwo ari abantu buntu, basangira kamere y'ubumana. Ntabwo ari ibishushanyo bitanyeganyega, ahubwo ni abagabo n'abagore bafite ubugingo. Imitima yabo igarurwamo ubuyanja no kumenya ubuntu bw'Imana bakamwenyuzwa n'imirasire ya Zuba ryo gukiranuka. Umucyo ubarasiyeho bawugeza ku bandi, kubw'imirimo yabo imurikiwe n'urukundo rwa Kristo.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 2:1-11.
2. Luka 2:35.
3. Yohana 1:45.
4. Kuva 20:12.
5. Luka 2:49.
6. Yohana 1:50.
7. 1 Abakorinto 11:26.
8. Matayo 26:29.
9. Yesaya 65: 8.
10. Imigani 20:1.
11. Yesaya 62:5,4; Zefaniya 3:17.
12. Ibyahishuwe 19:6,7,9.

*** **

16. MU RUSENGERO RWE



«Hanyuma y’ibyo, Yesu ajya i Kaperinaumu ari kumwe na nyina n’abavandimwe be ndetse n’abigishwa be, bahamara iminsi mike. Pasika y’Abayuda yari yegereje, nuko Yesu arazamuka ajya i Yerusalemu¹.» Muri urwo rugendo Yesu ajyana n’abagenzi bari bagiye mu murwa i Yerusalemu. Yari

ataravuga ku mugaragaro iby’umurimo we, nicyo cyatumye yivanga n’iyo nteko, maze ntiyamenyekana. Mu minsi mikuru nk’iyo, ukuza kwa Mesiya wari waravuzwe na Yohana mu butumwa bwe, nicyo cyabaga ikiganiro cyabo. Babaga banezerewe igihe baganiraga ibyiringiro by’icyubahiro cy’ishyanga ryabo. Yesu yari azi ko ibyiringiro byabo byari bigiye kuyoyoka kuko byari bishingiye ku busobanuro bubi bw’Ibyanditswe Byera. Yesu yaravunitse cyane asobanurira abantu ubuhanuzi ashaka ko biga neza bakanasobanukirwa Ijambo ry’Imana.

Abatambyi bari barigishije ubwoko bw’Abayuda ko i Yerusalemu ariho abantu bagombaga gusengera Imana. Mu cyumweru cya Pasika, abantu benshi cyane bo mu bihande byose bya Palestina ndetse n’abaturutse mu bihugu bya kure barahazaga. Abantu b’uruvange buzuraga mu bikari by’urusengero. Ku bantu batashoboraga kuzana amatungo yo gutamba ibitambo byasuraga igitambo gikuru, amatungo y’ibitambo bayaguraga mu gikari ku kibuga cy’urusengero. Aho ni ho bateraniraga ngo bashake amaturo. Bahavunjiraga amafaranga ngo babone ay’ubuturo bwera.

Buri Mwisiraeli wese buri mwaka yagombaga gutura “kimwe cya kabiri cya shekeri, “kuba inshungu y’ubugingo bwe.”²” Aya maturo yakusanywaga, yari agenewe gukora imirimo yo mu buturo. Uretse ibyo, hatangwaga amafaranga

menshi ho amaturo y'ubushake, maze akabikwa mu mutungo w'urusengero. Amafaranga yose y'amanyamahanga yagombaga kuvunjwamo shekeri y'ubuturo bwera, kuko ari yo yemerwaga mu murimo wera. Kubera ko mu kuvunja habagamo ubujura n'uburyarya, kuvunjisha wari warabaye umwuga w'urukozasoni; nibyo byari byarabaye isoko ry'indamu ku batambyi.

Abacuruzi bacaga amafaranga y'ikirenga ku matungo bagurishaga, maze inyungu bakazigabana n'abatambyi n'abakuru: uko niko bikungahazaga, bikomotse muri rubanda. Bigishaga abizera ko nibadatamba ibitambo, imigisha y'Imana itazabageraho bo n'abana babo ndetse n'imirima yabo. Ni muri ubwo buryo bashoboraga kuzamura ibiciro by'amatungo yo gutamba; kuko abantu babaga bavuye kure cyane bakaba batari busubireyo batarangije gukora umuhango wo gusenga wabaga wabazanye.

Mu gihe cya Pasika batambaga ibitambo byinshi ku buryo ubucuruzi bwo mu rusengero bwarushijeho kwiyongera. Ubucuruzi budafite gahunda bwari aho, bwatumaga abantu babona ari iguriro aho kuba urusengero rw'Imana. Humvikanaga urusaku rw'abagura n'abacuruzi, bivanze no guhogerwa kw'amatungo no gutama kw'intama no kuguguza kw'inuma, ndetse no kujegera kw'ibiceri. Urusaku rwari rwinshi ku buryo rwabuzaga amahoro abasenga, maze rukarenga amasengesho baturaga Uwiteka. Urusengero rwari icyirirwa cy'Abayuda birataga ugukiranuka kwabo kwinshi, kandi ijamba ryose ribi ryavugwaga kuri rwo babonaga ari nko gutuka Imana; bakabyaga cyane mu mihango bakoraga, maze gukunda ifeza kwabo kugahindura ubusa ubupfura bwabo. Bari batakibona ko bagiye kure y'umugambi nyirizina w'uwo muhango wishyiriweho n'Imana ubwayo.

Igihe Uwiteka yamanukiraga kuri Sinayi, uwo musozi wejejwe n'uko Uwiteka ahari. Mose yahawe itegeko ryo gushyiraho uruzitiro ruwukikije no kuweza, kandi Uwiteka yihanangiriza abantu ati : “Mwirinde mwe kuzamuka ku musozi cyangwa gukora ku rugabano rwawo. Uzakora kuri uyu musozi no kwicwa azicwe. He kugira ukuboko kumukoraho, ahubwo bamutere amabuye cyangwa bamurase imyambi, naho yaba itungo cyangwa umuntu ye kubaho³.”Uku niko Imana yigishije ko ahantu hose iri, haba hejejwe. Ibikari bikikije urusengero byagombaga kugaragara nk'ibyera, ariko gukunda indonke byibagije ibyo byose.

Nk'abandi bahagarariye Imana muri rubanda, abatambyi n'abakuru bagombaga gucyaha ibibi byakorere waga mu bikari by'urusengero no guha abantu icyitegererezo cyo kubaha no kubonera ndetse no kugira impuhwe. Mu cyimbo cyo kwishakira inyungu zabo, bari bakwiye kwiga uburyo, n'imibereho y'abantu, maze bakabona uko batabara abadafite ukuntu babona ibintu bisabwa mu gutamba. Ahubwo birengagije inshingano yabo kubera ko ubugugu bwari bwaranangiye imitima yabo.

Mu minsi mikuru hazagamo abantu b'imbabare n'indembe ziri mu kaga. Aho habaga impumyi, ibimuga, ibipfamatwi, abandi ndetse babaga babahetse ku mariri yabo. Ndetse habaga n'abantu b'abatindi nyakujya batashoboraga no kuba bakwibonera ituro ryo gutura Uwiteka, naho ryaba ari rito hanyuma y'ayandi; ahubwo batanafite ibyo kurya. Imvugo y'abatambyi yabahagarikaga umutima. Abatambyi barataga gukiranuka kwabo, bakiyita abarinzi b'ubwoko bw'Imana, nyamara ntibarangwagamo urukundo cyangwa impuhwe. Nubwo abakene n'abarwayi b'indembe babaganyiraga byari iby'ubusa. Umutima w'abo batambyi ntiwabashaga kugirira impuhwe ububabare ubwo ari bwo bwose.

Yesu ngo yinjire mu rusengero, amaso ye yitegereza ibyo bintu mu kanya gato. Abona iyo micururize irimo uburinganya. Abona akaga abakene barimo, kuko bibwiraga ko batabasha kubona imbabazi z'ibyaha byabo hatabaye igitambo gisheshe amaraso. Yibonera uburyo igikari cy'inyuma y'urusengero cyabaye iguriro ry'ahantu handuye. Naho inyubako yera yahindutse aho bavunjira.

Kristo yitegereza ibigomba gukosorwa. Imihango myinshi itegekwa rubanda nta busobanuro butangwa ngo bamenyeshwe icyo ibyo bishaka kuvuga. Batambaga ibitambo badasobanukiwe igitambo nyakuri byasuraga. Nuko aho hari hahagaze uwo ibyo byose byasuraga batamumenye kandi nta n'icyubahiro ahawe. Ni we wari waratanze amabwiriza agenga ibitambo. Asobanukiwe n'agaciro nyakuri k'ibyo bisura maze yirebera uburyo babyangije, babisobanura nabi. Gusenga mu by'umwuka byariho bishira. Nta sano yari hagati ihuza Imana n'abatambyi n'abakuru. Umurimo wa Kristo ufite umugambi wo gushyiraho gusenga gutandukanye n'ibyo.

Kristo ahagaze ku nkomanizo z'urusengero aritegereza n'indoro icengera cyane maze areba ibirimo bikorerwa imbere ye. Amaso ya gihanuzi ayahanga ahazaza, ibihe byose binyuzwa imbere ye. Agaragarizwa uburyo abatambyi n'abategeka batazita ku bakene kandi ko bazabuza ubutumwa bwiza kugera ku bantu babukeneye. Yibonera uburyo bazatwikira urukundo rw'Imana ngo abanyabyaha batarubona, n'uburyo bazagurisha ubuntu bwe. Nuko agihanze amaso ibyo bintu, mu maso he huzura umubabaro, ubutware n'imbaraga. Atera abantu bose kumuhanga amaso. Nuko abacuruzaga baramwitegereza. Ntabwo babashije kubona aho bihisha amaso ye. Bamwe bari bazi ko uwo muntu afite ubushobozi bwo gusoma ibitekerezo bihishwe mu mitima agahishura ibyo bibwira, bagerageza guhisha mu maso habo, kuko bumvaga ibikorwa byabo bibi bishobora gusomwa n'amaso ye agenze byose.

Ako kaduruvayo karahagarara. Urusaku rw'abagura n'abacuruzaga birahora. Habaho ituzwa ry'akababaro. Inteko y'abantu ifatwa n'ubwoba bibona basa n'abahagaze imbere y'ubutabera mu rukiko rw'Imana ngo basobanure iby'ibikorwa byabo. Ubumana bwa Kristo busesa inyuma y'umubiri wa kimuntu. Maze igikomangoma cy'ijuru gihagarara imbere nk'umucamanza kuri wa muni w'imperuka; birumvikana ko atari yambaye icyubahiro kizaba kimuherekeje kuri uwo muni, ariko yari afite ubushobozi bwo gusoma mu mitima. Nuko indoro ye izenguruka iyo nteko, amaso ayahanga buri wese. Nuko umucyo w'ijuru urabagirana mu maso he. Avuze, ijwi rikomeye rya rindi ryatangaje amategeko kuri Sinaï, ayo abatambyi n'abakuru bariho bica, ryumvikana mu bikari by'urusengero ngo: "Nimukureho bino, mureke guhindura inzu ya Data iguriro."

Yesu amanuka ingazi atuje, azunguza ikiboko yari amaze gutora aho ngaho, maze ateguka abagurisha gusohoka mu rusengero. Afite ishyamba n'igitsure atari yaragaragaje mbere, ahirika ameza y'abavunjaga. Nuko impiya zisandara, zivugiza ku mabuye ya Marimari yari ashashwe hasi, ntawashoboraga gushidikanya ubutware bwe. Nta muntu n'umwe watinyutse kugaruka gutora indamu ze yungukishije uburinganya. Yesu ntawe yakubise ikiboko cye, ariko icyo gikoresheye cyoroheje mu ntoki ze wari kugira ngo ni inkota yaka umuriro. Nuko abakorera mu rusengero, abatambyi bahugiranye, abarinzi n'abagurisha b'inka n'intama n'amapfizi yabo, bose basohoka mu rusengero bihuta cyane kugira ngo bahunge gucirwaho iteka no mu maso he.

Iyo nteko y'abantu yumvise igitsiburira cye cy'ubumana kibagezeho ifatwa n'ubwoba. Nuko iminwa amagana yari yacecetse itakishwa n'ubwoba. Maze ubwoba bufata abigishwa batangazwa n'amagambo ya Kristo n'imyifatire ye; kuko yari ihabanye n'akamenyero asanganywe. Bibuka ibyanditswe kuri we ngo : "Ishyaka ry'inzu yawe rirandya⁴." Nuko mu kanya gato, abantu basakuzaga bacuruza baba bageze hanze kure y'urusengero. Ubucuruzi buhumanye buva mu bikari byarwo, maze umutuzo mwinshi usimbura akaduruvayo. Kugaragara k'Uwiteka, wa wundi wejeje umusozi wa kera, noneho yeza urusengero rwubakiwe icyubahiro cye.

Mu kweza urusengero, Yesu yatangazaga umurimo we nka Mesiya kandi ko atangiye umurimo we. Uru rusengero rwari rwubakiwe kuba inzu y'Imana rwagombaga kuba icyitegererezo kizima mu maso y'Abisirayeli ndetse n'abatuye isi. Uhereye kera kose umugambi w'Imana wari uko ibyaremwe byose, uhereye ku muserafi urabagirana ukageza ku muntu, byaba urusengero rwaturwamo n'Imana Umuremyi. Kubera icyaha abantu baretse kugumya kuba urusengero rw'Imana. Kuko umutima w'umuntu wijimishijwe kandi ukanduzwa n'ikibi, ntabwo ukigaragaza ubwiza bw'ikiremwa cy'Imana. Nyamara umugambi w'ijuru wujujwe no kwigira umuntu kwa Yesu. Imana itura mu bantu, maze kubera ubuntu bukiza, umutima w'umuntu wongera guhinduka urusengero rw'Imana. Mu bitekerezo by'Imana, urusengero rw'i Yerusalemu rwagombaga kuba igihamba gihoraho cy'ibyiza bikomeye byagenewe umutima wose. Ntabwo Abayuda bari basobanukiwe neza n'iby'iyi nyubako batoraga biratana. Ntabwo bari baritanze ngo babe insengero zera z'umwuka. Ibikari by'urusengero rw'i Yerusalemu byari byarashegeshwe n'akaga k'ubucuruzi buhumanye, ibyo byari ipica igaragara neza y'insengero z'imitima yabo yari yarandujwe no kurarikira iby'isi n'ibitekerezo bibi. Mu kwirukana abagurisha n'abaguzi, Yesu yatangaje umugambi we wo kweza mu mutima ubwandu bw'icyaha n'ibyifuzo by'isi n'irari ry'umubiri n'akamenyero kabi byanduza bikonona umutima. "Umwami mushaka azaduka mu rusengero rwe, kandi intumwa y'isezerano mwishimana, dore iraje. Niko Uwiteka nyir'ingabo avuga. Ni nde uzabasha kwihangana ku munsu wo kuza kwe? Kandi ni nde uzabasha guhagarara ubwo azaboneka? Kuko ameze nk'umuriro w'umucuzi n'isabune y'abameshi. Kandi azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayimaraho inkamba, azatunganya abahungu ba Lewi, abacenshure nk'uko bacenshura ifeza n'izahabu⁵."

«Mbese ntimuzi ko muri urusengero rw'Umwuka wera utuye muri mwe? Uwo mufite wavuye ku Mana? Nuko rero utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba; kuko urusengero rw'Imana ari urwera kandi urwo rusengero ni mwe⁶». Ntabwo umuntu kubwe abasha kwigobotora ikibi cyigaruriye umutima we. Kristo wenyine ni we ushobora kweza urusengero rw'umutima. Nyamara ntabwo Yesu yinjira ku gahato. Ntabwo yinjira mu mutima nk'uko kera yinjiye mu rusengero, ahubwo aravuga ati : “Dore mpagaze ku rugi ndakomanga, umuntu niyumva ijwi ryanjye, agakingura urugi nzinjira iwe dusangire⁷.” Ntabwo azaza umunsi umwe gusa, ahubwo aravuga ati : “nzatura muri bo ngendere muri bo.... Nzaba Imana yabo, nabo bazaba abantu banjye.” “Izaribatira ibicumuro byacu muni y'ibirenge byayo, kandi azarohere imuhengeri w'inyanja ibyaha byabo byose⁸. » “kuboneka kwe kuzeza maze gutunganye umutima, nuko kuwugire urusengero rw'Uwiteka, inzu ibabwamo n'Imana mu mwuka⁹.”

Bafashwe n'ubwoba, abatambyi n'abakuru barahunze bajya kure y'igikari cy'urusengero; kure y'amaso y'ureba agasoma mu mitima yabo. Mu ihunga ryabo bahura n'abantu baje mu rusengero maze babagira inama yo kugaruka, bababwira ibyo babonye kandi bumvise. Yesu arebana impuhwe abo bantu ubwoba bwateye guhunga, kuko batari bazi gusenga by'ukuri icyo ari cyo. Muri iyo pica abona mo guhunga k'ubwoko bw'Abayuda bwose kubera ingaruka z'ubugome no kutihana kwabo.

Kuki abatambyi bahunze bakava mu rusengero? Kuki batabashije kwihagararaho? Mbese si umwana w'umubaji, umukene w'Umunyegegalilaya, udafite umwanya ukomeye kandi nta bushobozi, siwe ubateye guhunga? Kuki bemeye gusiga inyungu zabo babonesheje uburinganya, bakagenda batanamurwanyije bagahunga umuntu uciye bugufi cyane kandi utagaragarwaho n'ubutware?

Kristo yavuganaga ubutware bwa cyami : nta mbaraga n'imwe yashoboraga kurwanya uko yari ameze cyangwa imvugo y'ijwi rye. Bumvise kuruta uko bari barigeze bumva mbere hose; basobanukirwa n'uburiganya bwabo ko bari ibisambo n'indyarya. Ubumana bwe bwarabagiraniye mu bumuntu bwe, maze babona agahinda yari afite mu maso he, bituma bumva uburemere bw'amagambo ye. Biyumvamo ko bahagaze imbere y'Umucamanza uhoraho wabacira urubanza muri icyo gihe n'iteka ryose. Bamaze kwemezwa ko Kristo ari umuhanuzi, abenshi

bemera ko ari Mesiya, Umwuka Wera ahita nk'umurabyo mu bwenge bwabo, maze ababwira ibyavuzwe n'abahanuzi byerekeranye na Kristo. Mbese aho bazumvira icyo gihamya?

Ntibashakaga kwihana. Nuko babona ukuntu urukundo rwa Kristo rwakangukiye gufasha abakene, mu gihe bo bacumujwe no guhemukira rubanda. Nuko banga umenya ibyo imitima yabo yibwira. Ugucyaha kwe abacyahira kumugaragararo kwakomerekeje ubwibone bwabo n'ubushobozi bari bafite muri rubanda; ibyo bibyutsa ishyari. Biyemeza kumugerageza kugira ngo bamubaze imbaraga imutera gukora ibyo.

Nuko buhoro buhoro kandi bibaza, bagaruka mu rusengero imitima yuzuwemo n'ishyari. Kubera ko byose byari byahindutse igihe bahungaga. Bari basize inyuma abatindi; nuko abo basigaye bitegereza Yesu, babona mu maso he hagaragaza urukundo. Nuko, Yesu abogoza amarira abwira abo bantu bateranye bahinda umushyitsi, ati : «Mwoye kugira ubwoba, nzabakiza kandi muzanyambaza. Icyo ni cyo cyanzanye mu isi.»

Abantu bihutira gukikiza Kristo, bamusaba kubaha umugisha. Ugutwi kwe kwakira gutaka kose. Yunama afite impuhwe kurusha iz'umubyeyi agirira abana be bababaye. Yesu yita ku bantu bose, buri wese amukiza uburwayi bwe. Iminwa y'ibiragi ibumburirwa guhimbaza; impumyi zirambura amaso ngo zitegereze uwazikijije; naho imitima y'abababaye yuzuzwamo ibyishimo.

Ibyo byabaye ibonekerwa ry'ukuri ku batambyi n'abakuru b'urusengero biba igihamya cy'uwo murimo ukomeye. Abantu bavuga imibabaro bagize igihe kirekire, ibyiringiro byabo byabaye iby'ubusa, iminsi y'imiruhu ndetse n'amajoro batagohetse. Umucyo w'ibyiringiro uheruka wasaga naho wenda kuzima ubwo Kristo yabakizaga. Umwe muri bo yaravuze ati : «umutwaro wanjye warandemereraga cyane, ariko nabonye ubutabazi. Koko uyu ni Umwana w'Imana kandi imibereho yanjye yose ngiye kuyegurira umurimo we.» Ababyeyi babwira abana babo bati : «yarabakijije, nimumuhimbaze.» Amajwi y'abana n'abasore, ay'abagabo n'abagore, n'inshuti n'abarebaga, yose ahuriza hamwe maze baririmba indirimbo z'ishimwe no guhimbaza. Imitima yari yuzuye ibyiringiro n'ibyishimo.

Amahoro ataha mu mitima yabo bataha imuhira bakize mu mitima no mu mubiri bagenda batangaza hose urukundo rutagereranywa rwa Yesu.

Igihe Kristo yari agiye kubambwa, abo yari yarakijije ntabwo bifatanije n'abantu basakuzaga bavuga bati : “ Nabambwe, nabambwe!” Ahubwo bari bafitiye impuhwe uwo Yesu bajyaga bashimira ubushobozi bwe butangaje. Bamwemeraga nk'Umukiza wabo wabakirije umubiri ndetse n'ubugingo. Nuko bumvise amagambo y'intumwa, Ijambo ry'Imana ricengera mu mitima yabo maze ribungura ubwenge. Bahinduka ibikoresho by'imbabazi z'Imana, baba uburyo bwo kugeza agakiza ku bandi.

Inteko y'abantu bari bavuye mu bikari by'urusengero, iherezo bagaruka buhoro buhoro. Ubwoba bwari bwagabanutse, ariko mu maso bari bakigaragaza ugushidikanya no gutinya. Bari bagitangarira imirimo ya Yesu itangaza, kandi bari bamaze kwemezwa rwose ko ubuhanuzi buvuga ibya Mesiya busohoreye rwose muri we. Kwanduza ibyera ni wo wari umurimo w'ingenzi w'abatambyi. Urugo rw'urusengero bari bararuhinduye isoko. Ubagereranyije n'abandi bantu, rubanda rwari abaziranenge. Ubutwari bw'ijuru bwa Yesu, bwari bwarabatangaje, ariko ubukana bw'abatambyi n'abakuru bwakomeje kuba ikibazo. Umurimo wa Kristo wababereye ikintu gishya, maze bakomeza kwibaza aho uburenganzira bwe bwo kubarwanya buzagarukira kandi aribo bari bafite ubutware bw'urusengero. Nuko bababazwa n'uko bahagaritse ubucuruzi bwabo maze bacecekesha muri bo igihamba cyatanzwe n'Umwuka wera.

Abatambyi n'abakuru ni bo bari bakwiriye kuba aba mbere mu kwakira Yesu Uwasizwe n'Imana; kuko ari bo bari bafite imizungu yera aho umurimo wa Mesiya wari wanditswe; kandi bari bakwiriye kumenya ko kwezwa k'urusengero cyari ikindi kintu gikomeye kitari imbaraga z'umuntu gusa. Urwango bari bafitiye Yesu nirwo rwababujije igitekerezo cyo kwemera ko yari intumwa y'Imana yo gusubizaho ukwera k'urusengero. Maze baramwegera basa n'abamwubashyeye baramubaza bati : “Ubwo ugize utyo watwereka kimenyetso ki?”

Icyo kimenyetso babazaga Yesu yari yagikoze. Mu kurabagiranisha umucyo mu mitima yabo, akora ibyo bari biteze kuri Mesiya, Yesu yari atanze ibihamba bihagije by'uwo ari we. Nuko bamubajije ikimenyetso, abasubirisha umugani wari

ugendereye guhishura uburyarya bwabo no kubereka ko atayobewe ibyo bendaga gukora ati : « Nimusenye uru rusengero nzarwubaka mu minsi itatu.

»

Aya magambo yari afite ubusobanuro bw'inkubirane. Ntabwo Yesu yavugaga ibyo gusenya urusengero rw'Abayuda n'ibyarukorerwagamo, ahubwo yavugaga iby'urupfu rwe bwite-ugusenywa k'urusengero rw'umubiri we. Ndetse Abayuda bari batangiye ubugambanyi. Bagarutse mu rusengero, abatambyi n'abakuru bari batangiye gutekereza uburyo bamwica maze bakikiza Yesu uwo babonaga ko ababuza amahoro. Nuko ntibamusobanukirwa, mu gihe yariho avumbura umugambi wabo. Bakoze nkaho Yesu yaba yababwiye iby'urusengero rw'i Yerusalemu; maze batera hejuru, baravuga bati : “Urusengero rwubatswe mu myaka mirongo ine n'itandatu maze nawe ngo uzarwubaka mu minsi itatu !” Byasaga naho Yesu ahaye inkunga ukutizera kwabo nuko baba babonye uko bamwanga kurusha mbere hose.

Kristo ntiyigeze yiyumvisha ko muri ako kanya abo Bayuda batizera n'abigishwa be bari bwumve ayo magambo. Yateganyaga ko ababisha be bazayasobanura bayagira igikoresho cyo kumurwanya. Mu gihe azajyanwa mu rubanza bazayifashisha bamurega; kandi i Karuvali bazayakoresha bamunnya. Iyo ayasobanura icyo gihe, yari kuba amenyesheje abigishwa be imibabaro ye, ibyo byari kubatera umubabaro batari biteguye kwihanganira ako kanya. Ubusobanuro bw'ako kanya bwari guhishurira Abayuda amaherezo y'urwikekwe rwabonetse no kutizera kwabo. Bari batangiye inzira izatuma ku iherezo Yesu azajyanwa nk'umwana w'intama bajyana mu ibagiro.

Kristo yavugaga ayo magambo atekereza ku bazamwizera. Yari azi ko bazayasubiramo. Kuko yavuzwe ku muni mukuru wa Pasika, yari kuzumvwa n'abantu ibihumbi byinshi baturutse mu bihugu byinshi. Ubusobanuro bwa yo bwari kuzasobanuka neza igihe azaba amaze kuzuka mu bapfuye. Azazanira abantu benshi igihamba cy'ubumana bwa Kristo.

Umwijima mu by'umwuka wari ugose abigishwa ba Yesu, niwo wababuzaga kenshi gusobanukirwa n'ibyigisho bye. Nyamara ariko menshi muri

ayo masomo yari agiye kuzasobanurwa n'ibizaba yerekezagaho. Amagambo ye yari yaragenewe kuguma mu mitima yabo, igihe atazaba akiri kumwe nabo.

Aya amagambo y'Umukiza yavugiye ku rusengero rw'i Yerusalemu ngo : “Nimusenye uru rusengero nanjye nzarwubaka mu minsi itatu,” yari afite uburemere abumvaga Yesu batari gusobanukirwa. Kristo yari urufatiro kandi akaba n'ubuzima bw'urusengero, urwo imihango yakorerwagamo yasuraga igitambo cy'Umwana w'Imana. Umurimo w'ubutambyi wari warashyiriweho gushushanya no kwerekana imiterere n'umurimo wa Kristo nk'Umuhuza. Imigambi yose y'ibitambo kwari ugutangaza urupfu rw'Umukiza ngo acungure abatuye isi. Ibi bitambo byose nta gaciro byari kuba bifite igihe icyo byasuraga cyari kuba kimaze kurangira.

Guhera icyo gihe ubukungu bw'imihango y'ibitambo byashushanyaga Kristo byari guheshwa agaciro na we. Igihe Abayuda bari bamaze kwanga Kristo bakamubamba, bari banze uwahaga ubusobanuro urusengero n'imirimo yahakorerwaga. Ibyo byose rero byari bimaze guta agaciro kabyo kera. Iherezoyabyo ryari ryegereje. Kuva icyo gihe, ibitambo byatambwaga n'imirimo yabiherekezaga, byari bitaye agaciro kose. Ntabwo byasobanuraga ukwizera Umukiza, byari nk'igitambo cya Kayini. Mu kwica Umukiza, Abayuda bari bashenye urusengero batabizi. Igihe Kristo yabambwaga ku musaraba, umwenda ukinga wo mu rusengero watabutsemo kabiri uhereye hejuru ukageza hasi kugira ngo bibe igihamba ko igitambo gikomeye cyari kimaze gutambwa ko umuhango wose w'ibitambo wari ugeze ku iherezo.

«Nzarwubaka mu minsi itatu.» Urupfu rw'Umukiza rwabaye nkaho rugaragaza ugutsinda kw'imbaraga z'umwijima. Ariko Yesu asohotse mu mva ya Yosefu ari umuneshi «anyaga abatware n'abafite ubushobozi, abahemura ku mugaragaro abivuga hejuru kubw'umusaraba¹⁰.» Kubw'urupfu rwe no kubwo kuzuka kwe, yabaye : “Ukorera mu ihema ry'ukuri iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n'Umwami Imana¹¹.” Ihema ry'Abisiraeli ryari ryarabambwe n'abantu, urusengero rw'Abayuda na rwo rwari rwarubatswe n'abantu; ariko ubuturo bwera bwo mu ijuru bwashushanywaga nubwo mu isi, ntabwo bwari bwarubatswe n'umuntu. “Dore umuntu witwa Shami uzumbura, azamera ahantu he, kandi ni we uzubaka urusengero rw'Uwiteka, ni koko ni we uzubaka urusengero rw'Uwiteka, azagira icyubahiro, azicara ku ntebe y'ubwami ategeke kandi azaba Umutambyi ku ntebe ye¹².”

Imirimo y'abatambyi yasuraga Kristo yararangiye; ariko amaso y'abantu yerekejwe ku gitambo cy'ukuri cyatambiwe ibyaha by'abari mu isi. Ubutambyi bwo ku isi bwashize ariko duhanze amaso kuri Yesu : “Umuhuza w'Isezerano Rishya.” Kandi mwegere n'«amaraso aminjagirwa avuga ibyiza kurusha aya Abeli.» “Inzira ijya ahera yari itarerekanwa ihema rya mbere rikiriho, ariryo ryashushanyaga iby'iki gihe cya none, ubwo abakurikiza amateguko yaryo batura amaturo bagatamba ibitambo bitabasha gutunganya rwose umutima w'ubitura.... Ariko Kristo amaze kuza, ahinduka Umutambyi mukuru w'ibyiza bizaza, anyura mu ihema rirusha rya rindi gukomera no gutungana rwose ritaremwe n'intoki... Ahubwo yinjijwe rimwe n'amaraso ye, amaze kutubonera gucungurwa kw'iteka¹³.”

Nicyo gituma abasha rwose gukiza abegerezwa Imana na we kuko ahoraho iteka ngo abasabire¹⁴.” Nubwo imirimo yimuwe mu buturo bwera bwo ku isi ikajya mu rusengero rwo mu ijuru, nubwo ubuturo bwera n'umutambyi wacu mukuru batagaragara, abigishwa ntibakwiriye kubikeneramo. Kuba Umukiza adahari sicyo cyatuma badasabana nawe kandi ntabwo imbaraga zigabanuka. Mu gihe Yesu ari mu gukorera mu buturo bwera bwo mu ijuru, arakomeza gukorera neza itorerero hano ku isi, mu buryo bw'umwuka we. Nubwo amaso yacu amuhishwe, aracyakomeje isezerano rye yasezeranye agiye kugenda aho yagize ati: “Dore ndi kumwe na mwe kugeza ku mperuka y'isi¹⁵.” Kandi n'ubwo ububasha yabuhaye abigishwa be bamusimbuye, ukubana nawe gusubiza intege mu bugingo, gukomeza kumvikana mu itorerero.

“Nuko ubwo dufite Umutambyi mukuru wagiye mu ijuru, ari we Yesu Umwana w'Imana, dukomeze ibyo twizera tukabyatura. Kuko tudafite Umutambyi mukuru utabasha kubabarana na twe mu ntege nke zacu ahubwo yageragejwe uburyo bwose nka twe keretse ko atigeze akora icyaha. Nuko rero twegere intebe y'ubuntu tudatinya tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye¹⁶.”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 2:12-22.

2. Kuva 30:12-16.

3. Kuva 19:12,13.

4. Zaburi 69:10.

Yesu Kristo

5. Malaki 3:1-3.
6. 1 Abakorinto 3:16,17.
7. Ibyahishuwe 3:20.
8. 2 Abakorinto 6:16; Mika 7:19.
9. Abefeso 2:21,22.
10. Abakolosayi 2:15.
11. Abaheburayo 8:2.
12. Zakariya 6:12,13.
13. Abaheburayo 12:24; 9:8-12.
14. Abaheburayo 7:25.
15. Matayo 28:20. 16. Abaheburayo 4:14-16.

*** **

17. NIKODEMU



Nikodemu, umujyanama wubashywe mu Nama Nkuru ya Isiraeli, yari umunyabwenge w'umuhanga kandi yari afite umwanya ukomeye akizerwa n'ishyanga ry'Abayuda. Nk'uko byagendekeye abandi bose, Nikodemu na we ibyigisho bya Yesu byaramukabakabye. Nubwo yari umukungu, umunyabwenge kandi wubahwa yumvise areherejwe gusanga Umunyanazareti uciye bugufi. Amaze gutangazwa n'inyigisho zavaga mu kanwa k'Umukiza, yifuje cyane kumenya uko kuri gutangaje. Mu kugaragaza ubutware yeza urusengero, Yesu yari abyukije urwango rudacika rwari mu batambyi n'abatware, kuko batinyaga ko uwo muntu w'intamenyekana yabagiraho

ububasha. Ukwihandagaza k'uwo Munyagalileya utazwi, ntikwari uko kwihanganirwa. Byanze bikunze icyari gikenewe ni ugushyira iherezo ku murimo we. Nyamara bose ntabwo babyumvaga kimwe.

Bamwe muri bo batinyaga kurwanya umuntu wuzuwemo n'Umwuka w'Imana. Bibukaga ko abahanuzi bagiye bicwa bazira gucyaha ibyaha by'abayobozi ba Isiraeli. Bari bazi ko ukutagonda ijosi kwabo ari ko kwari kwaratumye banga kumva ugucyaha kw'Imana, bituma bashyirwa mu buretwa bw'ishyanga ry'abapagani. Batinyaga ko mu kugambanira Yesu, abatambyi n'abakuru bazaba bageze ikirenge mu cya ba sekuruza, ibyo bigatuma irindi shyano ryongera kugwira ishyanga ryabo. Ibitekerezo nk'ibyo bari babisangiye na Nikodemu. Ubwo Inama Nkuru y'Abayuda yari iteranye, barimo kwiga uko bakwifata mu kibazo cya Yesu, Nikodemu yatanze inama yo gucisha make no kwitonda. Yihatira kubumvisha ko habaho akaga baramutse banze kumva imiburo ya Yesu bibaye ari ukuri ko afite

ubutware bwavuye mu ijuru. Abatambyi ntibatinyuka gukerensa iyo nama; ibyo bituma nta cyemezo na gito bafatira Umukiza.

Nikodemu amaze kuganira na Yesu, yize ubuhanuzi buvuga ibya Mesiya. Uko yarushagaho kubugenzura niko yarushagaho kumva ko ari we bari bategereje. Hamwe n'abandi bisirayeli benshi, Nikodemu yajyaga ashengurwa n'intimba abonye uko banduje urusengero. Igihe Yesu yirukanaga abacuruzi n'abaguzi mu rusengero yari ahari. Yabaye umuhamya wo kwigaragaza gukomeye kw'imbaraga z'Imana; yabonye Umukiza yakira impezamajyo agakiza n'abarwayi; yabonye banezerewe, yumva n'amagambo yabo yo gushimira Imana, nta gushindikanya Yesu w'i Nazareti yari Uwoherejwe n'Imana.

Yifuzaga cyane kuganira na Yesu, ariko agatinya kubikora ku mugaragaro. Umuyuda ufite urwego nk'urwe yumvaga bikojeje isoni kugaragaza urukundo afitiye Umwigisha utazwi cyane. Iyo inama nkuru y'Abayuda iza kumenyeshwa ko Nikodemu yasuye Yesu, yari kumukwena cyane kandi ikamucyaha. Afata icyemezo cyo kujya kumushaka rwihishwa, kuko yumvaga ko agiye kureba Yesu ku mugaragaro, urugero atanze rwari gukurikizwa. Amaze kumenya ko Yesu ari ku musozi wa Elayono, ahantu hiherereye Umukiza yakundaga kwigira, ategereza ko bwira nuko ajya gushaka Yesu.

Nikodemu ari imbere ya Yesu agira ubwoba budasanze, nicyo cyatumye agerageza kwigira nk'umuntu w'umunyacyubahiro, aramubwira ati: “Mwigisha mwiza, tuzi ko uri Umwigisha wavuye ku Mana, kuko ari ntawe ubasha gukora ibimenyetso ujya ukora, keretse Imana iri kumwe na we¹.” Nikodemu mu kuvuga impano zidasanzwe za Kristo nk'Umwigisha kimwe n'ububasha bwe butangaje bwo gukora ibitangaza, yari mo ategura inzira y'ikiganiro bakwiriye kugirana. Umugambi w'amagambo ye wari uwo gutuma baganira amabanga y'inkoramutima; ariko mu by'ukuri amagambo ye yagaragazaga ugushidikanya. Nikodemu ntiyemeraga Yesu ko ari Mesiya, ariko yamwemeraga nk'Umwigisha watumwe n'Imana.

Yesu mu cyimbo cyo gusubiza indamutso ye, aramutumbira nk'uri gusoma ibiri mu mutima we. Ubwenge bwe butagira akagero bumwumvisha ko uwo muntu ashaka kumenya ukuri. Yesu yari azi ikimuzanye ko yifuza guhamirizwa, ibyiringiro byari bimaze kwinjira mu mutima we, Yesu ahita yinjira mu isomo rye, maze

amubwira mu ijwi ryumvikana kandi ry'impuhwe avuga ati : “Ni ukuri ni ukuri ndakubwira ko umuntu utabyawe ubwa kabiri, atazabona ubwami bw’Imana.”

Nikodemu yari yasanze Yesu ashaka ko baja impaka, ariko Yesu ahita amusobanurira amahame shingiro y’ukuri. Abwira Nikodemu ko icyo akeneye ari ukubyarwa ubwa kabiri n’umwuka, aho kumenya amahame y’imvugo gusa. Ibyari bihagije ntabwo byari ugusubiza ibibazo bye by’amatsiko gusa, ahubwo byari ukugira umutima mushya. Ubugingo bushya bwonyine buvuye mu ijuru, nibwo bwonyine bwamubashisha gusobanukirwa n’iby’umwuka. Igihe cyose uko guhinduka guhindura ibintu byose bishya kutabaho, nta cyiza gishobora guturuka mu mpaka zo kumenya ubutware bwa Yesu n’umurimo we.

Nikodemu yari yarumvise icyigisho cya Yohana Umubatiza cyerekeranye no kwihana ndetse n’umubatizo igihe yerekaga abamwumvaga uwagombaga kubatirisha Umwuka wera. Nikodemu yahise amenya ko iby’Umwuka nta biri mu Bayuda. Abayuda bari baramazwe n’ibygisho byo gukiranuka gupfuye n’icyubahiro cy’isi. Nikodemu yari ategereje ko bizakosoka ari uko Mesiya aje. Nyamara ubutumwa bwa Yohana Umubatiza bwemezaga imitima, ntibwari bwaremeje umutima we ibyaha bye. Yari umufarisayo utagondeka, wirataga imirimo ye myiza. Yashimwaga n’abantu cyane, kubwo kugira neza no gutanga impano byamushoboje guhabwa umwanya mu rusengero, kandi yiringiraga imigisha y’Imana. Ahindishwa umushyitsi no kumva ko ubwami bw’Imana butunganye cyane ku buryo atabasha kubureba ameze nk’uko yari ari.

Ipica yo kubyarwa bushya Yesu yakoresheje ntabwo yari icyigisho gishyashya kuri Nikodemu. Abapagani bihannye bakakira imyizerere ya Isiraeli, bagereranywaga n’impinja zivutse. Yagombaga kumva ko amagambo Yesu amubwiye adakwiriye kuyakira ku mvugo gusa. Ariko yizeraga ko kuba ari umwisirayeli kavukire, bimuhesha uburenganzira bwo kwinjira mu bwami bw’Imana. Ntiyiyumvagamo ko akeneye guhinduka. Ni yo mpamvu yatangaye yumvise amagambo y’Umukiza. Imvugo idakebakeba ya Yesu yaramurakaje. Ubwirasi bwa gifarisayo burwanya igitekerezo nyacyo cyo kumenya ukuri. Nikodemu atangazwa nuko Kristo atitaye ku mwanya w’icyubaho yari afite mu Isiraeli.

Nikodemu yumiwe, abaza yigiza nkana ati: «Mbese umuntu yabasha kubyarwa ate kandi akuze ? » Kimwe n’abandi benshi, mu gihe ukuri gutyaye kwinjiraga mu mutima we, agaragaza ko umuntu usanzwe atabasha kwakira iby’Umwuka w’Imana. Nta na kimwe muri we cyumvikana n’iby’Umwuka; kuko umuntu abimenya mu buryo bw’umwuka.

Umukiza ntabwo aterana amagambo. Azamura ikiganza mu cyubahiro, maze yongera kumwerurira uko kuri ati: “Ni ukuri, ni ukuri ndakubwira ukuri ko utabyawe n’amazi n’umwuka adashobora kwinjira mu bwami bw’Imana.” Nikodemu yemezwa ko ari imbere y’Uwo Yohana Umubatiza yavuze, kandi asobanukirwa nuko Umubatizo w’amazi Kristo avuze, ari umutima ugirwa mushya kubw’Umwuka wera w’Imana.

Yesu akomeza agira ati: “Ikibyarwa n’umubiri ni umubiri, n’ikibyarwa n’umwuka nacyo ni umwuka”. Umutima wa kamere ni mubi rwose ; none «ni nde wabasha kuvana igitunganye mu kintu cyanduye ? Ntawe².» Nta muti w’umuntu wabasha gukiza umutima icyaha. « Kuko umutima wa kamere ari umwanzi w’Imana kuko utumvira amategeko y’Imana, ndetse ntushobora kuyumvira. » « Kuko mu mutima w’umuntu ari ho haturuka ibitekerezo bibi, kwica gusambana, guheheta, kwiba, kubeshyera abandi n’ibitutsi³. » Kugira ngo amazi atunganye abashe kuva mu mutima, ni uko isoko na yo yaba itunganye. Umuntu ugerageza kwitondera amategeko kugira ngo azagere mu ijuru akoresheje imirimo ye bwite, aba akora ibidashoboka. Agakiza ntikaboneshwa no kugira idini itunganye, maze ukayibamo usa n’ufite ishusho y’ubutungane. Imibereho ya gikristo ntabwo ari ugutunganya gusa no gukosora imibereho ya kera byonyine; ahubwo ni uguhinduka rwose muri kamere yawe. Ugomba gupfa ku cyaha no ku narijye, ukagira imibereho mishya rwose. Igikorwa gikomeye cy’Umwuka wera nicyo cyonyine rukumbi gishobora gutera iryo hinduka.

Nikodemu ananirwa gufata icyemezo, nuko Yesu yifashisha ipica y’umuyaga agira ati : « Umuyaga uhuha aho ushaka ukumva guhuha kwawo, ariko ntumenya aho uva cyangwa aho ujya, niko uwabyawe n’Umwuka wese amera. »

Iyo umuyaga uhuha mu mashami y’ibiti wumva urusaku rw’ibibabi n’indabyo, ariko ntawe uwubona; kandi umuntu ntamenya aho uva cyangwa aho

ujya. Uko niko Umwuka wera akorera mu mutima. Ntawe ushobora kubisobanura kimwe nuko ntawe ushobora gusobanura imigendere y'umuyaga. Kuba utabasha kumenya igihe n'ahantu nyaho cyangwa kwibuka ibyabaye byose mu gihe cyo guhinduka, ntibivuga ko uko guhinduka kutabayeho. Akoresheje uburyo butagaragara nk'umuyaga, Kristo akorera buri gihe mu mutima w'umuntu. Nuko buhoro buhoro umuntu atabyumva, umutima wakira ibyiyumviro biwukururira kuri Kristo. Umuntu ashobora guhabwa ibyo byiyumviro amutekerejeho, asoma Ibyanditswe Byera, cyangwa se yumva amagambo y'umubwiriza. Maze mu kanya, k'ubw'irarika ryahuranije ry'Umwuka Wera, umutima ukishyira mu maboko ya Yesu wishimye. Ukwihana kumeze gutyo, bamwe bibwira ko kuza ako kanya, mu by'ukuri ni ingaruka y'igikorwa cyo kwihangana kudahutiyeho cy'Umwuka w'Imana kiba kimaze igihe.

Umuyaga nubwo utagaragara ugira ibikorwa bigaragara, kandi byumvikana. Uko ni ko igikorwa cy'Umwuka Wera kimera mu mutima kikagaragarira mu bikorwa byose by'umuntu winjiwemo n'imbaraga y'agakiza. Iyo Umwuka w'Imana yinjiye mu mutima w'umuntu imibereho ye irahinduka. Gutekereza ibyaha kurarekwa, umuntu areka imirimo mibi, ishyari, amahane n'uburakari bisimburwa n'urukundo no kwicisha bugufi n'amahoro. Umunezero usimbura ubwihebe, kandi mu maso hakarabagirana umucyo w'ijuru. Nta muntu n'umwe urabukwa ukuboko gukuraho umutwari; nta muntu n'umwe urabukwa umucyo umanuka uva mu bikari byo mu ijuru; imigisha yinjira mu mutima wiyeguriye Imana. Ubwo nibwo imbaraga itagaragara irema umutima mushya ku ishusho y'Imana.

Imitima yononekaye, ntiyashobora gusobanukirwa umurimo wo gucungurwa. Harimo ubwiru burenze iby'ubwenge bwa kimuntu bubasha gusobanukirwa; nyamara avuye mu rupfu ageze mu bugingo, azi ko ibyo ari ukuri kw'ijuru. Tukiri hano ku isi twahawe gusobanukirwa intangiriro yo gucungurwa, kubera ubunararibonye bw'umuntu ku giti cye. Ingaruka zizakomeza zigeze ku bihe bihoraho.

Igihe Yesu yavugaga, imirasire y'ukuri yinjiye mu mutima wa Nikodemu. Umutima we woroshywa n'imbaraga y'Umwuka wera. Ariko ntaragasobanukirwa neza n'amagambo y'Umukiza. Ntiyatekerezagaga cyane ku gaciro ko kuvuka bushya, atinda cyane ku buryo byagerwaho. Arabaza ati : « Ibyo byashoboka bite? »

Yesu aramusubiza ati : « Ukaba uri umwigisha w'Isirayeli ntumenye ibyo? » Mu by'ukuri umuntu wari ushinze ibyigisho by'idini byigishwaga ubwoko bwose, ntabwo yari akwiriye kuyoberwa ukuri gukomeye gutyo. icyigisho cyari iki: aho kurakazwa n'ayo magambo y'ukuri asobanutse neza, Nikodemu yari akwiriye kwigaya we ubwe agaya ubuswa bwe mu by'umwuka. Nyamara Kristo yavuganaga icyubahiro kigaragara, kandi Nikodemu ntiyabyitaho, kuko yabonaga imibereho ya Yesu icyiye bugufi cyane.

Ariko ubwo Yesu yasobanuraga umurimo we wamuzanye mu isi yari afite intego yo gushinga ubwami bw'umwuka, atari ubwami bw'isi; ni cyo cyateye uwamwumvaga kugira ubwoba. Yesu ngo abone uko bigenze arongerera aravuga ati : « Ubwo nababwiye iby'isi ntimwemere, nimbabwira iby'ijuru muzemera mute? » Niba Nikodemu adashobora kumva icyigisho cya Yesu gisobanura iby'umurimo w'ubuntu mu mutima, byashoboka bite kwemera uko ubwami bwe bw'icyubahiro bwo mu ijuru buteye? Niba adashobora gutandukanya kamere y'umurimo wa Kristo hano ku isi, ntabwo bizamushobokera gusobanukirwa n'umurimo we wo mu ijuru.

Abayuda birukanywe na Yesu mu rusengero, biyitaga abana b'Aburahamu, nyamara bahunga mu maso h'Umukiza, ntibashobora kwihanganira ubwiza bw'Imana bwagaragarijwe muri we. Bagaragaza ko ubuntu bw'Imana butigeze bubatunganiriza gukora imirimo yera yo mu rusengero. Birengagije ukwera ko mu mutima nubwo bahihibikaniraga kugira ukwera kugaragara inyuma. Kuba barihambiraga cyane ku mategeko, bahoraga bayica. Bari bakeneye guhinduka nk'uko Yesu yabibwiye Nikodemu: kubyarwa bushya mu mwuka, kwezwaho icyaha, kugarurwamo ubumenyi n'ubutungane.

Nta rwitwazo ku buhumyi bw'Abisirayeli bagombaga kugira. Ku birebana n'umurimo wo kubyarwa ubwa kabiri, Yesaya ayobowe n'Umwuka Wera yaravuze ati ; « Kuko twese twahindutse abanduye, kandi n'ibyo twakiranutse byose bimeze nk'ubushwambagara bw'ibizinga. » Dawidi nawe yasenze Imana muri aya magambo ngo: « Mana undememo umutima wera, unshyamba umutima ukomeye⁴. » Ezekieli nawe yahawe iri sezerano ngo : « Nzabaha umutima mushya, mbashyiremo n'umwuka mushya, mbakuremo umutima ukomeye nk'ibuye, mbashyiremo umutima woroshye, kandi nzabashyiramo umwuka wanjye, ntume

mugendera mu mategeko yanjye, muzakomeza n'amategeko yanjye mukayasohozu⁵. »

Igihe Nikodemu yajyaga asoma ayo magambo, umutima we wabaga urimo igihu, ubu bwo yari atangiye kumenya icyerekezo. Yabonaga ko kubaha amategeko ku mubiri gusa kugaragarira amaso bitari bihagije kumwemerera kwinjira mu bwami bwo mu ijuru. Mu maso y'abantu yari afite imibereho ishimwa ndetse ikiranutse, ariko imbere ya Kristo yiboneye ko umutima we wanduye kandi ko imibereho ye yari kure y'ubutungane.

Nikodemu areherezwa gusanga Kristo. Amaze kumva ubusobanuro bw'Umukiza ku byerekeye ukuvuka ubwa kabiri, yifuzaga ko uko guhinduka kwaba mu mutima we. Ibyo byajyaga kuzashoboka bite? Yesu yamuhaye ibanga ry'ayo magambo agira ati : « Nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa kugira ngo umwizera wese adapfa, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. »

Hano Nikodemu yiyumvise mu nzira amenyereye. Ikimenyetso cy'inzoka yamanitswe cyamwibukije inshingano y'Umukiza. Kuko ubwo Abisirayeli barimo bicwa n'ubusagwe bw'inzoka, Uwituka yabwiye Mose gucura inzoka mu muringa, akayishyira imbere y'Abisirayeli maze bese bakayitegereza. Nuko bumvisha iteraniro ryose ko umuntu wese witagereza iyo nzoka, akira ubusagwe bwe. Bari babizi neza ko muri iyo nzoka y'umuringa yo ubwayo nta bushobozi bwo gukiza bwari buyirimo. Gusa cyari ikimenyetso gisura Kristo. Nk'uko igishushanyo cy'iyi nzoka cyacuzwe mu muringa cyasaga n'izo nzoka zirimbura cyashyiriweho gukiza, niko na Kristo na we «yaje afite ishusho ya kamere y'ibyaha⁶. » Akwiriye kuba Umucunguzi w'abantu. Abisirayeli benshi bemeraga ko umurimo w'ibitamba ufite ubushobozi bwo kubakiza ibyaha. Imana yashakaga kubigisha ko nta bushobozi bwo gukiza bwari mu bitamba kimwe n'uko muri iyo nzoka y'umuringa na yo nta bwari buyirimo. Uwo murimo wari ugendereye kwerekeza intekerezo zabo ku Mukiza. Byaba gukura ibikomere by'inzoka cyangwa se kubona imbabazi z'ibyaha byabo, ibyo babashaga gukora ngo bakire, kwari ukugaragaza ukwizera bafitiye impano y'Imana. Bagombaga kureba ngo babeho.

Ahari abariwe n'inzoka bari gushobora kutayireba, bakajya impaka ku bushobozi bw'icyo kimenyetso cy'umuringa cyangwa se bakabaza ubusobanuro bwa gihanga. Nta busobanuro ubwo ari bwo bwose bwatanzwe. Bari bakwiriye kwakira Ijambo ry'Imana nk'uko Mose aribagejeje. Kwanga kuyirebaho kwari ukwiciraho iteka ry'urupfu.

Intambara no kujya impaka, ntabwo ari byo bituma umutima usobanukirwa. Igikwiriye ni ukureba ukabaho. Nikodemu yarasobanukiwe maze abika iki cyigisho mu mutima. Guhera ubwo yagenzuraga mu Byanditswe Byera mu bundi buryo: atari ukujya impaka mu mvugo, ahubwo ari ugushaka ko umutima we ugirwa mushya. Atangira kubona ubwami bw'Imana kuko yari yemeye kugengwa n'Umwuka Wera.

Muri iki gihe abantu ibihumbi byinshi bakeneye gusobanukirwa ukuri kwigishijwe Nikodemu ku gitekerezo cy'inzoka yamanitswe mu butayu. Biringiraga ko babasha kuba abantu b'Imana, mu kumvira amategeko yayo. Igihe bararikiwe kureba kuri Yesu, bakizera ko bakizwa n'ubuntu bwe gusa barabaza bati : “Ibyo byashoboka bite?”

Nk'uko byagendekeye Nikodemu natwe dukwiriye kumva ko dukwiriye kwinjira mu bugingo turi aba mbere mu banyabyaha. Kuri Kristo byanditswe ngo : kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko nta rindi zina munsu y'ijuru ryahawe abantu dukwiriye gukirizwamo⁷”. Mu kwizera gusa ni ho tubonera ubuntu bw'Imana; ariko ukwizera si ko Mukiza wacu. Ntabwo ari ibyirata. Ukwizera ni ukuboko gusingira Kristo, kugafata imbabazi ze zituzanira umuti w'icyaha. Hatabayeho gutabarwa n'Umwuka w'Imana, twebwe ubwacu ntitwabasha kwihana. Ibyanditswe Byera bivuga kuri Kristo ngo : “Imana yaramuzuye imushyira iburyo bwayo, ngo abe ukomeye n'Umukiza uheshya Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha⁸.” Kwihana ni impano ya Kristo kimwe no kubabarirwa.

Tuzakizwa dute? “Nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu” niko Umwana w'umuntu yamanitswe kugira ngo uwashutswe kandi akaribwa n'inzoka, amurebeho maze akire”: Nguyu Umwana w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi⁹.” Umucyo uturuka ku musaraba w'i Kaluvari ni wo utwereka urukundo rw'Imana. Urwo rukundo nirwo ruturehereza kuri yo. Nitutayangira, tuzajyanwa n'umutima wo kwihana munsu y'ibirengye by'umusaraba, kuko ibyaha byacu aribyo

byateye Umukiza kubambwa. Ubwo nibwo Umwuka w’Imana ashyira ubugingo bushya mu mutima wizeye. Intekerezo zose no kwifuza kose bizafatwa mpiri ngo byumvire Kristo. Umutima n’ubwenge bizongera kuremwa bushya ku ishusho y’Ikoreramuri twe, Ikigarurira byose. Ubwo nibwo amategeko y’Imana azandikwa mu mutima, maze dushobojwe na Kristo, tuzashobora kuvuga tuti : “Mana yanjye nezezwa no gukora ibyo ukunda¹⁰.”

Yesu mu kiganiro yagiranye na Nikodemu, yasobanuye inama y’agakiza kimwe n’umurimo yaje gukora hano ku isi. Mu biganiro bye byose yari yaragize mbere, nta na hamwe Yesu yari yarigeze avuga mu buryo bunonosoye umurimo ugomba gukorerwa mu mitima yagenewe kuzaragwa ubwami bw’ijuru. Agitangira umurimo we, iryo banga yarivunguriye kuri umwe mu bari bagize urukiko rukuru rw’Abayuda kuko yari afite umutima wumva neza kandi akaba yarahawe umugabane wo kwigisha rubanda. Nyamara abayobozi b’Isiraeli ntibigeze bagaragaza umwete wo kwakira umucyo. Ku bigaragara, Nikodemu yahishe ukuri mu mutima we kandi mu myaka itatu yose, imbuto zagaragaraga ari nke.

Ariko Yesu we yari azi ubutaka yabibye ubwo ari bwo. Amagambo yari yavuze nijoro ari kumwe n’umuntu umwe kandi ku musozi udatuwe, ntabwo yapfuye ubusa. Nikodemu ntiyahise yemera Kristo ku mugaragaro, ariko yagiye yitondera kandi agahora atekereza ku nyigisho za Yesu. Ibihe birenze inshuro imwe, inama nkuru y’Abayuda yateranye, Nikodemu yaburijemo imigambi y’abatambyi yo gushaka kwica Yesu. Nuko ku iherezo igihe Yesu yari amanitswe ku musaraba, Nikodemu yibuka icyigisho Yesu yari yamwigishije ku musozi wa Elayono, ubwo yamubwiraga ati : “Nkuko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko Umwana w’umuntu akwirirye kumanikwa, kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho.”

Ikiganiro bagiranye mu ibanga, cyamusobanuriye umusaraba w’i Kaluvari, maze ahita abona ko Yesu ari we Mucunguzi w’abari mu isi.

Nuko Umwami amaze kuzamurwa mu ijuru n’intumwa zimaze gutatana kubera akarengane, Nikodemu ahaguruka adatinya. Yifashishije ubutunzi bwe agakenura itorero rikimara kuvuka, iryo Abayuda bibwiraga ko ridatera kabiri Yesu

amaze gupfa. Uwo mugabo w’umunyamakenga, kandi wahoraga atinyatinya, mu gihe cy’akarengane yagaragaye ko ashikamye nk’urutare, akomeza ukwizera kw’abigishwa kandi abaha ubufasha bwose bwababashishije kwamamaza umurimo w’ubutumwa bwiza. Nikodemu bamugira ibishungero kandi arenganywa n’abahoze bamwubaha kera. Ku butunzi bw’isi Nikodemu aba umukene, ariko ukwizera kwaje muri we muri rya joro yavuganye na Yesu, ntikwigera gucogora.

Nikodemu aganirira Yohana ibyo yavuganye na Yesu iryo joro, Yohana arabitwandikira kugira ngo bizabere isomo miliyoni nyinshi z’abantu. Ukuri kwavuye muri icyo kiganiro, n’uyu muni kuracyafite agaciro gahwanye nako muri iryo joro rikomeye ku musozi wari utwikiriwe n’ijoro, maze umwigisha w’Abayuda w’umuhanga na we ubwe, akaza kwigishwa n’Umwigisha uciye bugufi w’Umunyagalilaya, iby’inzira y’ubugingo.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 3:1-17.
2. Yobu 14:4.
3. Abaroma 8:7; Matayo 15:19.
4. Yesaya 64:6; Zaburi 51:12.
5. Ezekeili 36:26,27.
6. Abaroma 8:3.
7. Ibyakozwe n’intumwa 4:12. 8. Ibyakozwe n’intumwa 5:31.
9. Yohana 1:29.
10. Zaburi 40:9.

*** *** ***

18. AKWIRIYE GUKUZWA



Mu gihe gito imbaraga za Yohana zarakomeye cyane kuruta iz'abatambyi, abatware ndetse n'ibikomagoma. Iyo aza kuvuga ko ari we Mesiya, maze akavuga ibyo kugandira Abaroma, abatambyi na rubanda rwose, baba barateraniye muni y'ibendera rye. Satani yashyize imbere ya Yohana umubatiza ibyakurura irari ryo kuba igihangange muri iyi si. Nubwo uyu muhanuzi yishimiye imbaraga ze, icyo kigeragezo yaragitsinze. Yagerageje kwerekeza ku wundi muntu icyubahiro bamuhaga¹. Noneho abona inteko z'abari bamushagaye bikurikiriye Umukiza. Buhoro buhoro inteko z'abantu bamushagaye zigenda zigabanuka. Nuko igihe Yesu yavaga i Yerusalemu akajya mu karere ko hafi y'uruzi rwa Yorodani,

abantu benshi bifuza kumusanganira ngo bamwumve. Umubare w'abigishwa be wahoraga wiyongera. Nuko abantu benshi baza kumusaba ngo ababatize, nubwo mu by'ukuri Kristo atari we wabatizaga, ahubwo yashimaga umubatizo ukozwe n'abigishwa be.

Muri ubwo buryo yari ashize ikimenyetso ku butumwa bw'uwo wamubereye integuza. Ariko abigishwa ba Yohana bagiriye Yesu ishyari kuko yagendaga arushaho kumenyekana. Bari biteguye kumutera no ku murimo we, igihe cyo kubikora cyari kigiye kugera. Bajya impaka n'Abayuda ngo bamenye niba umubatizo weza umutima ho ibyaha; bashimangiraga ko umubatizo wa Yesu utandukanye cyane n'uwa Yohana. Ndetse batangira kugira impaka n'abigishwa ba Yesu ku byerekeye ibikorwa mu mubatizo, ku iherezo bababuzza uburenganzira bwo kubatiza.

Abigishwa ba Yohana bamubwira agahinda kabo muri aya magambo ngo: “Mwigisha uwari kumwe na we hakurya ya Yorodani uwo wahamyaga dore nawe arabatiza n'abantu bose baramusanga.” Kubw'ayo magambo satani yashakaga kugerageza Yohana. Nubwo inshingano ya Yohana yendaga kurangira,

yashoboraga gushyira inkomyi ku murimo wa Kristo. Iyo yigirira impuhwe, iyo aza kugaragaza akababaro cyangwa kutishimira kumva ko asimbuwe, yari kubiba imbuto z’ubushyamirane, yari kuba ashyigikiye ibitekerezo by’ishyari no kwikunda, yari kubangamira bikomeye amajyambere y’ubutumwa.

Kubwa kamere muntu twavukanye, Yohana nawe yagiraga amakosa nawe akagira intege nke, ariko urukundo rw’Imana rwari rwaramuhinduye. Yabagaho nta narinjye no gushaka icyubahiro, mbese umutima we ntiwarangwamo n’ishyari. Aho gushima imyifatire mibi y’abigishwa be abasobanurira neza isano afitanye na Mesiya, kandi abumvisha ko yakiranye urugwiro uwo yaje guteguriza inzira.

Arababwira ati: “ Ntacyo umuntu yashobora kwiha ubwe keretse agihawe giturutse mu ijuru, namwe murambara abagabo yuko navuze nti: sinjye Kristo ahubwo natumwe kumubanziriza . Uwo umugeni asanga niwe mukwe, kandi umuranga, iyo ahagaze iruhande rw’umukwe, amwumva anezezwa n’ijwi rye” Yohana yigereraniye n’umuranga uri hagati ya Kristo n’umugeni agategurira inzira ubukwe. Umurimo w’umuranga usaza igihe umukwe yakiriye umugeni we. icyo aba ashigaje ni ukwishimira umunezero w’uko yatumye ubu bumwe bubaho. Niko na Yohana yari yatumwe kurehereza imitima y’abantu kuri Yesu nuko arebana umunezero kujya mbere k’umurimo w’Umukiza. Nicyo cyatumye avuga ati: “None uwo munezero wanjye mwinshi cyane urasohoye, “uwo akwiriye gukuzwa” naho njye nkwiye gucishwa bugufi.”

Mu guhanga amaso yo kwizera Umucunguzi, yarazamutse cyane agera ku rwego rurerure rwo kwiyanga. Aho gukururira abantu inyuma ye, yashakaga buri gihe kuzamura ibitekerezo byabo ku rwego rwo hejuru ngo bahange amaso Umwana w’intama w’Imana. We ubwe yari ijwi ry’urangururira mu butayu. Noneho yongera guceceka no kutongera kwigaragaza, icy’ingenzi kuri we ni uko amaso yose yakwerekezwa ku Mucyo w’ubugingo.

Intumwa z’Imana zifuza kuba indahemuka ku nshingano yazo, ntizishakira ibyubahiro. Gukunda inarijye bizasimburwa n’urukundo bakunda Kristo. Nta shyari rizaza gukoma mu nkokora ubutumwa bwiza kuko ari ubw’igicro cyinshi. Bazi ko inshingano yabo ari iyo kwamamaza ubutumwa nka Yohana ubwo yagize ati: “nguyu Umwana w’intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi².” Berereza Kristo maze isi yose ikazamuranwa na we. “Nimwumve ko iyo iri hejuru cyane ituye

ahahoraho ivuga izina ryayo ni Uwera; ikavuga iti: “Aho ntuye ni hejuru cyane kandi harera, mbana n’abafite umutima umenetse kandi wicisha bugufi, kugira ngo mpembure imyuka y’abicisha bugufi, mpembure n’abafite imitima imenetse³.”

Umutima w’umuhanuzi utaragiraga inarijye, wari wuzuwemo n’umucyo w’Imana. Igihe yitegerezaga ubwiza bw’Umukiza; amagambo ye yari ahabanye n’aya Yesu mu kiganiro yagiranye na Nikodemu. Yohana yaravuze ati: “uwavuye mu ijuru ni we usumba byose, naho uwo mu isi we n’uw’isi nyine, kandi n’ibyo avuga ni iby’isi. Uwavuye mu ijuru ni we usumba byose. Uwatumwe n’Imana avuga amagambo yayo kuko Imana idatanga umwuka iwugeze.” Naho Kristo mu ruhande rwe, yashoboraga kuvuga ati: «Ntacyo mbasha gukora ubwanjye, kuko ntakurikiza ibyo nkunda ubwanjye, ahubwo nkurikiza ibyo uwantumye akunda⁴.» Aya magambo yavuzwe kuri we, ngo: “kuko wakunze gukiranuka ukanga ubugome nicyo cyatumye Imana ari yo Mana yawe igusiga amavuta yo kwishima ikakurutisha bagenzi bawe⁵.» «Imana Data wa twese itanga Umwuka itamugeze.»

Niko bimereye abigishwa ba Kristo. Tuba twiteguye kwakira umucyo uturutse mu ijuru ari uko gusa twiteguye kumarwamo inarijye yose. Ntidushobora gusobanukirwa n’imico y’Imana cyangwa se kwakira Kristo kubwo kwizera, tutemeye ko ibitekerezo byose bigarurirwa kumvira Kristo. Umwuka wera yatanze ku rugero rutageze ku bantu bose bemera kugenza batyo. Muri Kristo «niho hari ukuzura k’ubumana bwose, mu buryo bw’umubiri. Kandi mwuzuriye muri we, ariwe mutwe w’ubutware bwose n’ubushobozi bwose⁶.»

Byagaragariye abigishwa ba Yohana ko abantu basangaga Yesu, nuko Yohana wabarushaga gushishoza arababwira ati: “Nyamara nta wemera ibyo ahamya”. Bake gusa ni bo bari biteguye kumwakira nk’Umukiza ukuraho ibyaha. Nyamara Yohana yakomeje agira ati: “uwemera ibyo ahamya aba yemeye n’uko Imana ari inyakuri. Uwizera uwo Mwana, aba abonye ubugingo buhoraho.” Si ngombwa kujya impaka kugira ngo umenye ko umubatizo wa Kristo cyangwa wa Yohana ufite ubushobozi bwo kwezaho umuntu ibyaha. Ubuntu bwa Kristo nibwo bwatangaga ubugingo. Kristo adahari, umubatizo kimwe n’undi murimo wose, ntacyo byaba bimaze. “Utumvira uwo mwana ntazabona ubugingo”

Kwamamara kwa Kristo Yohana yakiranye umunezero mwinshi, kugera no ku bategeka b'i Yerusalemu. Abatambyi n'abigishamategako bari baragize ishyari, kubera imbaraga ya Yohana yakuraga abantu mu masinagogi maze ikabahururiza mu butayu ; noneho hari haje undi wireherezaho abantu kandi arusha Yohana imbaraga. Abakuru b'Abisirayeli bo ntibari biteguye kuvuga nka Yohana ngo: "uwo akwiriye gukuzwa naho jyewe nkwiriye gucishwa bugufi," ahubwo bagaragaje ko biteguye gushyira iherezo kuri icyo gikorwa kibamaraho abantu.

Yesu yari azi ko nta mbaraga batazakoresha ngo bazane amacakubiri hagati y'abigishwa be n'aba Yohana. Yari azi neza ko inkubi y'umuyaga yiteguye kujyana umwe mu bahanuzi bakomeye isi yigeze kubona. Ashatse kwirinda impamvu yose yazana kutumvikana, ariyufura maze yigira i Galilaya. Nuko natwe ubwo twumvira ukuri, twagombye gukora uko dushoboye kose, ngo twirinde ikintu cyose cyatera amacakubiri n'ubwumvikane buke, cyatuma hagira imitima irimbuka. Dukurikize icyitegererezo twasigiwe na Yesu na Yohana igihe cyose hashatse kuvuka amacakubiri.

Yohana yari ahamagariwe kuyobora umurimo w'ubugorizi. Bityo abigishwa be bari bafite ingorane kuko bamuhangagaho amaso, bibwiraga ko ugukuzwa amajyambere k'umurimo guterwa n'umwete we ntibabone ko ari igikoresho cyoroheje kiri mu ntoki z'Imana. Umurimo wa Yohana ntiwari uhagije gushinga itorero rya gikristo. Inshingano ye irangiye, hari hasigaye igikorwa kidashobora kurangizwa n'ubuhumya bwe. Icyo kintu abigishwa be ntibagisobanukiwe. Nuko igihe babonye Yesu atangiye uwo murimo bamugirira ishyari bararakara.

Izo ngorane no muri iki gihe ziriho. Imana ihagurutsa umuntu kubw'umurimo runaka iyo awugejeje aho ashobora kuwugeza, Imana igahagurutsa undi kugira ngo awukomeze. Benshi nk'uko abigishwa ba Yohana babigenje, bibwira yuko kujya mbere k'umurimo bituruka k'uwawutangiye. Nuko amaso bakayahanga kuri uwo muntu aho kuyahanga Imana, ubwo nibwo ishyari riza maze umurimo w'Imana ugapfobywa. Kuko umuntu aba ahawe ibyubahiriza bitamukwiriye, ashirwa mu kaga ko gukubiriza agaciro ke. Areka kumva ko agengwa n'Imana. Abantu bigishijwe guhanga amaso umuntu baba bashyizwe mu makosa maze bigatuma bajya kure y'Imana

Umurimo w’Imana ntukwiriye gufata ishusho n’ikimenyetso cy’umuntu. Uko ibihe bihaye ibindi Uwiteka azajya ahagurutsa ibindi bikoresho birushijeho, kugira ngo bisohoze umugambi we. Hahirwa abemera gucisha bugufi inarijye yabo, maze bakavuga nka Yohana umubatiza bati: “Akwiriye gukuzwa naho njyewe nkwiye gucishwa bugufi”.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 3:22-36.
2. Yohana 1:29.
3. Yesaya 57:15.
4. Yohana 5:30.
5. Abaheburayo 1:9.
6. Abakolosayi 2:9,10.

*** **

19. BUGUFI BW'IRIBA RYA YAKOBO



Yesu anyura i Samaliya ashaka kugana i Galilaya. Nuko ku manywa y'ihangu agera mu kibaya cyiza cy'i Shekemu. Ananijwe n'urugendo, yicara aho bugufi bw'iriba rya Yakobo kugira ngo aruhuke, kuko abigishwa be bari bagiye kugura ibyo kurya¹. Abayuda n'Abasamariya banganaga urunuka; nicyo cyatumaga birinda cyane uko bashoboye kose ngo bategerana. Birumvikana ko guhahirana n'Abasamaliya mu gihe ari ngombwa mu maso y'abigishamategako byaremerwaga; ariko indi sano iyo ari yo yose kuri bo yari umuziro. Umuyuda ntiyakwifuzaga kuguriza umusamaliya cyangwa kwakira impano ye naho byaba agasate k'umutsima cyangwa agakombe k'amazi. Abigishwa mu kujya

kubaguraho ibyo kurya, bari bakoze nk'uko umuco w'ishyanga ryabo wari uri. Ariko nta bindi birenze aho bashoboraga gukora. Kugira icyo usaba Abasamaliya cyangwa kugira icyiza ubakorera, ibyo ntibyashoboraga kwinjira mu gitekerezo cy'Umuyuda, bona naho yaba ari umwigishwa wa Kristo.

Yicaye ku nkengero y'iriba, nyuma y'urugendo rurerure yari yakoze uhereye mu gitondo, Yesu yari ashonje kandi afite inyota. Izuba ryo ku manywa y'ihangu ryari rimurembeje. Inyota irushaho kwiyongera kubera ko yari hafi y'iriba ry'amazi yashobora kumumara inyota nyamara bitamworoheye kuyabona. Nta mugenzi yari afite cyangwa ikibindi, kandi iriba na ryo ryari rirerire. Yari umuntu nkatwe, ni cyo cyatumye ategereza ko hari umuntu uza kuvoma.

Nuko umugore w'Umusamariyakazi aza asa n'utamubonye, nuko yuzuza ikibindi cye amazi. Igihe agiye kwigendera, Yesu amusaba amazi yo kunywa. Cyari icyifuzo umuntu adashobora kwimwa, kuko mu bantu b'iburasirazuba amazi yitwaga impano y'Imana. Guha umugenzi ufite inyota amazi yo kunywa yari inshingano yera ku Barabu bo mu butayu kandi bagomba kuyisohozza byanze

bikunze. Urwango rwari hagati y'abayuda n'abasamaliya rwabujije Umusamaliyakazi guha Yesu amazi yo kwica inyota; ariko Umukiza ashaka urufunguzo rwo kugurura umutima we, akoresheje uburyo bukomoka ku rukundo rw'Imana; amusaba kugira icyo amuha kandi ari we wari ukwiriye kugira icyo amuha. Iyo aza kugira impano aha uwo mugore, ntiyajyaga kuyakira; ariko ibyiringiro bitera ibyiringiro. Umwami w'ijuru yasanze uwo mutima wihebye, ukeneye na wo gutabarwa. Uwaremye inyanja, kandi agategeka amazi yose y'ikuzimu, utuma amasoko yose adudubiza imigezi igatembera, yicajwe n'umunaniro bugufi bw'iriba rya Yakobo ategereje ko umunyamahangakazi yamuha utuzi two kunywa.

Uwo mugore abona ko Yesu ari Umuyuda. Aratangara, kandi yumva atamuha amazi, nyamara ariko ashaka kumenya impamvu imuteye kumusaba amazi: “ko uri Umuyuda nkaba Umusamariya uransaba amazi ute?”

Yesu aramusubiza ati : “iyaba wari uzi impano y'Imana, ukamenya n'ugusabye amazi uwo ari we, nawe uba umusabye na we akaguha amazi y'ubugingo.” Utangajwe nuko ngusabye ikintu cyoroshye ari cyo amazi yo kunywa yo muri iri riba. Iyo ubishaka najyaga kukunywesha ku mazi y'ubugingo bw'iteka.

Umugore ntiyasobanukiwe n'amagambo ya Kristo, ariko ntiyumvaga neza uburyo ayo magambo akomeye. Nuko ubutesi bwe asanganywe burashira. Yibwiye ko Yesu avuga iby'iryo riba riri bugufi aho, niko kumubaza ati : “Databuja ko udafite icyo uvomesha n'iriba rikaba ari rirerire, none se ayo mazi y'ubugingo wayakura he? Mbese ye uruta sogokuriza Yakobo wadufukuriye iri riba kandi akaba yaranywaga amazi yaryo ubwe n'abana be n'amatungo ye?” Uwo mugore yabonaga ari umugenzi wifitiye inyota, warushye kandi wahindanijwe n'umukungugu. Umutima we wamugereraniye n'umukurambere wubahwaga cyane Yakobo. Nk'uko bisanzwe yariho ashimagiza iriba ryafukuwe n'abukurambere yiyumvisha ko nta rindi rihwanye naryo. Yasubizaga igitekerezo inyuma, agasubiza agatima ku bakurambere, yareba ahazaza, agatekereza ku kuza kwa Mesiya, mu gihe ibyiringiro bya ba sekuriza, Mesiya ubwe yari ari iruhande rw'uwo mugore atabizi. Ni imitima ingana iki muri iki gihe iri iruhande rw'iriba ry'amazi y'ubugingo nyamara ishakira kure amasoko y'ubugingo.

“Ntuzibaze uti : Ni nde uzazamuka ngo ajye mu ijuru, bisobanurwa ngo kumanura Kristo cyangwa uti ni nde uzamanuka ikuzimu? Bisobanurwa ngo : Kuzamura Kristo umuvana mu bapfuye.... Ijambo rirakwegereye ndetse riri mu kanwa kawe no mu mutima wawe. Niwatuza akanwa kawe ko Kristo ari Umwami, ukizera mu mutima wawe ko Imana yamuzuye uzakizwa².”

Yesu aho guhita asubiza ikibazo yari abajijwe, avugana ijwi rikomeye ati : “Umuntu wese unywa aya mazi azongera kugira inyota; ariko unywa amazi nzamuha ntazagira inyota iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukiramo isoko y’amazi adudubiza kugeza ku bugingo buhoraho.” Umuntu ushaka kunywa ku masoko y’iyi si azagumya kugira inyota. Abantu bose bahorana ubukene budashira. Bahora bifuza ikintu cyashobora guhaza umutima wabo. Umwe rukumbi ni we wabasha guhaza ukwifuza kwabo. Uwo ni Kristo, “Uwifuzwa n’amahanga yose”, uwo ni we isi ikeneye. Ubuntu bw’Imana butangwa na we gusa, buberana umutima amazi y’iteka ahumanura agasubiza umuntu mu intege kandi akamukomeza.

Yesu ntiyashakaga kuvuga ko amazi anyobwa rimwe yaba ahagije. Umuntu asogongeye ku rukundo rwa Kristo, ahora arushaho kumwifuza; gusa, ntazagira ikindi kintu cyose ararikira. Umutima we ntuzareshywa n’ubutunzi icyubahiro cyangwa umunezero w’isi. Umutima we uzajya uhora utabaza ngo : “Ndusheho guhazwa na we.” Umenya iby’imitima yibwira, ategereje igihe gikwiriye ngo ashobore guhaza inzara n’inyota by’umuntu. Amasoko yose y’abantu azakama ndetse n’ibigega bishiremo amazi ndetse n’ibitega bireka amazi bizakama; ariko Umucunguzi wacu ni we Soko idakama. Abantu bashobora kunywa, bakongera bakanywa, iyo soko ntikama. Uwo Kristo atuyemo aba isoko y’umugisha. “Isoko y’amazi y’ubugingo idudubiza mu bugingo buhoraho.” Kuri iyo soko umuntu avomamo imbaraga n’ubuntu zihaza ubukene bwe bwose.

Yesu amaze kuvuga iby’amazi y’ubugingo, uwo mugore amwitegerezanya amatsiko menshi. Amutera kwibaza kandi yifuza guhabwa iyo mpano amubwiye. Yari yumvise ko atavuze amazi y’iriba rya Yakobo, kuko yahoraga ayanywa ntashire inyota. Niko kumubwira ati : “Databuza mpa kuri ayo mazi ntazagira inyota kandi ntazagaruka kuvoma hano kuko ari kure.”

Yesu ahita ahindura ikiganiro. Mbere yo kumugezaho impano, uwo mutima ukwiriye kubanza gusobanukirwa n'icyaha cyawo n'uburyo ukeneye Umukiza. Ni cyo cyatumye amubwira ati : “Genda uhamagare umugabo wawe, maze ugaruke hano. Umugore aramusubiza ati : “Nta mugabo mfite.” Uwo mugore yibwiraga ko ahagaritse ibibazo bimubangamira. Ariko Umukiza aramubwira ati : “Uvuze ukuri ko udafite umugabo, kuko wari ufite abagabo batanu, n'uwo ufite ubu si uwawe. Ibyo byo ubivuze ukuri.”

Umugore ahinda umushyitsi. Ikiganza kitagaragara cyari gihinduye impapuro z'imibereho ye, maze gishyira ahagaragara ibintu yizeraga ko bihishwe kure. Uyu ni nde usoma atya amabanga y'ubuzima ? Yavugaga iby'amateka n'iby'urubanza ruzagaragaza ibihishwe. Kubw'uyu mucyo abonye, umutima we urakanguka.

Ntacyo ashobora guhindura muri ibyo; icyakora agerageza guhunga icyo kiganiro kimuvuna. Avugana icyubahiro ati : “Databuja menye ko uri umuhanuzi.” Nuko kugira ngo ahoshe agahinda ke, uwo mugore atangira kuvuga iby'intambara y'amadini. Niba koko uyu muntu ari umuhanuzi; arashobora kumuha ubusobanuro bw'ibibazo bajyagaho impaka igihe kirekire.

Yesu akomeza kumutega amatwi yihanganye. Ariko yari ategereje igihe gikwiriye ngo amugarure ku kuri kw'ingenzi. Umugore aravuga ati : “Ba sogokuru bacu basengeraga kuri uyu musozi, na mwe mukagira ngo i Yerusalemu ni ho hakwiriye gusengerwa.” Umusozi wa Garizimu wari hirya yabo aharenga. Kandi aho urusengerero rwaho rwari rwarasenyutse, hagaragaraga gusa igicaniro. Impaka zajyaga zivuka hagati y'Abayuda n'Abasamariya, bapfa ahantu h'ukuri hakwiriye gusengerwa. Umugabane umwe w'abakurambere b'Aasamariya, kera wari ubwoko bwa Isiraeli, ariko kubera ibyaha byabo, Uwituka yemera ko batsindwa n'abanyamahanga basenga ibigirwamana. Kubera kwivanga n'abapagani igihe kirekire, idini yabo igenda yononekara buhoro buhoro. Bibwira ko ibigirwamana byabo byabafasha kujya bibuka Imana ihoraho, Umugenga wa byose; ibyo bituma ubwo bwoko bugeza naho busenga ibishushanyo.

Mu gihe cya Ezira, ubwo urusengero rw’i Yerusalemu rwongeraga kubakwa, Abasamaliya bifuje gufatanya n’Abayuda iyubakwa ryarwo. Ayo mahirwe Abayuda bayima Abasamaliya, icyakurikiyeho ni urwangano hagati y’ayo moko yombi. Abasamaliya bubaka urusengero rw’ishyari ku musozi wa Gerizimu. Aho niho basengeraga bakurikije imihango ya Mose, ariko ntibareka rwose gusenga ibigirwamana. Icyakurikiyeho n’ingaruka mbi, urusengero rwabo rwashenywe n’abanzi, basa n’abariho umuvumo; nuko basigara bihambiriye ku mihango n’imigenzo yo gusenga gusa. Ntabwo bashatse kwemera ko urusengero rw’i Yerusalemu ari inzu y’Imana, nta nubwo bigeze bemera ko idini y’Abayuda iruta iyabo.

Yesu asubiza uwo Musamariyakazi ati : “Nyizera, igihe kizaza ubwo bazaba batagisengera Data kuri uyu musozi cyangwa i Yerusalemu. Dore mwebwe ho musenga ibyo mutazi, ariko twebwe dusenga ibyo tuzi, kuko agakiza kava mu bayuda.” Yesu yerekanye ko urwikekwe Abasamariya bafite ntaho ahuriye narwo. Noneho ashaka gusenya igitekerezo uwo mugore yari afite ku Bayuda. Ibyo byose yabyerekanye anagaragaza ko ukwizera kw’Abasamariya kononwe no gusenga ibigirwamana, anamusobanurira ko ukuri gukomeye ko gucungurwa kwabikijwe Abayuda, kandi ko Mesiya agomba kuva muri bo. Ibyanditswe byera bitanga iyerekwa rigaragara neza ku mico y’Imana n’amahame y’ingoma yayo. Yesu yibanze mu bayuda abo Imana yashatse kwimenyekanishirizamo.

Yesu yazamuye ibitekerezo by’uwo mugore wamwumvaga ngo birenge imihango yose n’uburyo bwose bwo gusenga cyangwa se impaka. Aramubwira ati : “Ariko igihe kiraje ndetse kirasohoye, ubwo abasenga Imana by’ukuri, basenga Data mu mwuka no mu kuri; kuko Data ashaka ko abo ngabo ari bo bamusenga. Imana ni umwuka n’abayisenga bakwiriye kuyisengera mu mwuka no mu kuri.”

Hano, ukuri Yesu yabwiye Nikodemu yari yongeye kugushimangira; aho yagize ati : “Umuntu utabyawe ubwa kabiri ntashobora kubona ubwami bw’Imana³.” Ntabwo kujya ku musozi wera cyangwa se kwinjira mu rusengero rwera, ari byo bituma abantu bagirana umushyikirano n’ijuru. Idini ntirikwiye kwibanda ku bigaragarira amaso gusa ndetse n’imihango. Idini ikora icyo Imana ishaka yonyine ni yo ishobora kuyobora abantu ku Mana. Ntabwo umuntu ashobora gukorera Imana uko bikwiriye atabyawe n’Umwuka w’Imana. Uko niko umutima

ushobora guhumanurwa, umuntu akaba icyaremwe gishya; kandi akabasha kumenya Imana no kuyikunda. Nibwo umuntu yumvira ibyo Imana ishaka abikunze; kandi ni nako gusenga k'ukuri. icyo ni cyo gikorwa cy'imbuto y'umurimo w'Umwuka wera. Isengesho ryose rikiranuka riterwa n'Umwuka wera, maze rikemerwa n'Imana. Ahantu hose umutima ushakira Imana, igikorwa cy'Umwuka kiragaragara maze Imana ikimenyesha umutima. Abasenga batyo ni bo Imana ishaka. Irabiteze, yiteguye kubakira ngo ibagire abahungu n'abakobwa bayo.

Uwo mugore atangazwa n'amagambo ya Yesu. Ntabwo yari yarigeze yumvana amagambo ameze atyo abatambyi b'ubwoko bwe, nta n'ubwo yayumvanye Abayuda. Nuko ibyamubayeho kera bimushizwe imbere, ahita asobanukirwa ubuhanya bwe. Agirira inyota ubugingo kurusha amazi y'iriba rya Sokara, kuko ayo mazi atashoboraga kumara inyota. Mu mibereho ye nta kindi kintu yigeze kumenya cyamutera kugira amatsiko ameze atyo. Yesu yamweretse ko afite ubushobozi bwo gusoma ibihishwe mu mutima; ariko nyamara uwo mugore yiyumvisemo ko ari kumwe n'inshuti yuje impuhwe n'urukundo. Nubwo ukwera kwa Yesu wari uhagaze iruhande rwe kwari guhagije guciraho iteka igicumuro cy'uwo mugore, Yesu ntiyagize ijamba avuga ryo kumuciraho iteka; ibiri amambu Yesu amubwirana ubuntu bushobora kumusubizamo intege mu bugingo. Uwo mugore atekereza imico ye. Iki kibazo cyinjira mu bwenge bwe, atangira kwibaza ati : “Ariko uyu ntiyaba ariwe Mesiya dutegereje igihe kirekire? Abwira Yesu ati : Nzi ko Mesiya azaza, ari we Kristo. Naza azatubwira byose.” Yesu aramusubiza ati : “Ni nbye tuvugana.”

Ayo magambo atera umutima w'uwo mugore kwizera. Yemera iyo mvugo itangaje ivuye mu kanwa k'Umwigisha wavuye mu ijuru.

Uyu mugore yari yiteguye kwakira ihishurwa rikomeye kuko yakurikiranaga Ibyanditswe kandi Umwuka wera yari yateguriye umutima we kwakira umucyo mwinshi. Yatekereje cyane ku masezerano yo mu Isezerano rya Kera, ngo : “Imana izabahagurukiriza umuhanuzi umeze nkanjye, ukomotse hagati muri mwe, muri bene wanyu azabe ari we mwumvira⁴.” Uwo mugore yifuzaga

cyane kumenya iby'ubwo buhanuzi. Umucyo wari watangiye kumurika mu mutima we. Amazi y'ubugingo, ubuzima mu by'umwuka, ubwo Yesu aha umutima wose ufite inyota, yari yatangiye kududubiza muri we. Umwuka w'Imana yarimo akorera muri we.

Iyaba Yesu yaravuganye n'Abayuda b'abakiranutsi akababwiza ukuri ku byerekeye iby'imiterere ye nka Mesiya, ntiyajyaga kuvuga nk'uko yabwiye Umusamaliyakazi. Yavuganaga na bo mu magambo aziguye cyane. Ibyo yari yarifashe ngo atabwira abayuda ndetse n'abigishwa be akabasaba kubigira ibanga, yabihishuriye Umusamaliyakazi kuko yari azi ko azakoresha ibyo amenye ngo agarurire imitima yindi kwishimira ubuntu bwa Kristo.

Abigishwa bagarutse, batangazwa no kubona Umwigisha wabo aganira n'umugore. Ntabwo yatekerezaga iby'inyota ye, kandi ntiyafashe igihe cyo gufata ku byo kurya abigishwa be bamuzaniye. Uwo mugore amaze kugenda abigishwa be bamwingingira gufungura. Babonaga atuje kandi ahugiranye; mu maso he harabagiranishwa n'umucyo nko mu gihe cyo gusenga. Batinya guhungabanya umusabano we n'ijuru. Nyamara bari bazi ko ananiwe kandi arushye, bibuka inshingano yabo yo kumwibutsa ibyerekeranye n'iby'umubiri ukeneye. Yesu anyurwa n'uko bamwitayeho, ariko arababwira ati: “Mfite ibyo kurya mutazi.”

Abigishwa babazanya ushobora kuba yamuzaniye ibyo kurya uwo ari we. Yesu arababwira ati : “Ibyo kurya byanjye ni ugukora ibyo Uwantumye ashaka no gusohozza umurimo we.” Yesu yari ashimishijwe nuko amagambo ye yashoboye gukangura umutimanama w'uwo mugore. Yamwitegerezaga anywa ku mazi y'ubugingo; yibagirwa inyota ye n'inzara ye. Ugusohozza inshingano ye hano ku isi byaruhuraga Umukiza mu mihati ye bikamwibagiza ibyifuzo bye bya kimuntu. Gufasha umutima ufiteye inzara n'inyota ukuri, byari bishimishije kuruta kurya cyangwa kunywa. Byari igihumuriza no kugarurwamo ubuyanja kuri we. Kuko kugira ubuntu ari yo mibereho y'umutima we.

Umukiza wacu yifuza kumenyekana. Akeneye gukundwa no gushimwa n'abo yacunguje amaraso ye. Yifuza cyane bitavugwa kubabona baje aho ari ngo bahabwe ubugingo. Nkuko umubyeyi ategereza ko agahinja ke kamwenyuzwa no kumwereka ko kamuzi, bikamwereka ko gatangiye kumenya ubwenge, ni ko na

Kristo na we ategereza ko tumugaragariza urukundo rwerekana ko ubugingo bushya bumaze kubona umwanya mu mutima wacu.

Yujujwe umunezero no kumva amagambo ya Kristo, uwo mugore yabashije ho hato kwihanganira uko guhishurwa gutangaje. Asiga ikibindi cye ku iriba maze asubira mu murwa, kumenyesha abandi iby'inkuru nziza. Yesu yari azi icyo uwo mugore agiye gukora. Gusiga ikibindi cye ku iriba, byahamije imbaraga z'amagambo ya Kristo. Kubera kwifuza cyane amazi y'ubugingo, uwo mugore yibagiwe icyari cyamuzanye ku iriba, yibagirwa n'uko Umukiza yari afite inyota. Nuko anezerewe mu mutima, yihutira kujya kumenyesha abandi umucyo yari amaze kwakira.

Yabwiye abo mu mudugudu ati : « Nimuze murebe umuntu umbwiye ibyo nakoze byose. Murebe ko ahari ari we Kristo.» Imitima ikabakabwa n'ayo magambo ye. Mu maso ye n'imvugo ye byose byari byahindutse. Abo bantu bashaka kuza kureba Yesu; nuko «bava mu mudugudu ngo baze aho ari.»

Yesu, acyicaye hafi y'iryo riba, yitegerezaga imirima y'ingano yari iri mbere ye irasiweho n'izuba. Yereka abigishwa be iyo pica, yifashisha iyi shusho ati: «mbese ntimuvuga ngo : Hasigaye amezi ane isarura rigasohora? Dore ndababwira, nimwubure amaso murebe yuko imirima imaze kwera ngo isarurwe.» Avuga atyo yitegerezaga amatsinda y'abantu bari bamaze kugera ku mugezi. Hari hasigaye amezi ane ngo umusaruro w'ingano ube ugeze; ariko noneho dore imbere ye hari hageze umusaruro ku buryo abasaruzi bari bakwiriye kwahura umuhoro ngo basarure.

Yesu arababwira ati : «Umusaruzi ahabwe ibihembo, ateranirize imyaka ubugingo buhoraho ngo umubibyi n'umusaruzi banezeranwe kuko iri jambo ari iry'ukuri ngo : Habiba umwe hagasarura undi.» Muri ayo magambo Yesu yari agaragaje ko umurimo wera ugomba gukorwa n'abakiriye ubutumwa bwiza. Bahamagariwe kuba ibikoresho bizima. Imana isaba buri muntu wese gukora umurimo we bwite. Twaba tubiba cyangwa dusarura, dukorera Imana. Umwe arabiba, undi agateranya imiba; ari umubibyi ari n'usarura bombi bahabwa igihembo cyabo. Bakanezererwa hamwe kubw'umurimo wabo.

Yesu yabwiye abigishwa be ati : “Nabatumye gusarura ibyo mutahinze, abandi barakoze na mwe mwazunguye umurimo wabo.” Umukiza muri ako kanya yari mu gutekereza ku musaruro mwinshi, wajyaga kubaho ku muni wa Pentekote. Abigishwa ntibagombaga kwibwira ko uzanywe n’umuhati wabo. Bari bazunguye umurimo watangiwe n’abandi bakozi. Guhera ku kugwa kwa Adamu, Kristo yatoranije abakozi be maze abateguka kubiba mu mitima y’abantu ijambo yabashyiragamo. Imbaraga itagaragara nyamara ikomeye cyane, yajyaga ikorera mu mutuzo ikagira umusaruro. Ikime cy’imvura n’umucyo w’izuba ry’ubuntu ryatangiwe guha ubuyanja no kugaburira imbuto y’ukuri. Kristo akoresheje amaraso ye yari agiye kuhira iyo mbuto. Abigishwa be bahawe umwihariko wo kuba abakozi b’Imana, n’abakorana na Kristo kimwe n’abandi bagabo b’abakiranutsi bo mu gihe cya kera. Kubera gusukwa k’Umwuka wera ku muni wa Pentekoti abantu ibihumbi byinshi bihanye umunsi umwe; ibyo byari ingaruka y’imbuto yabibwe na Kristo, ni umusaruro wari imbuto z’umurimo we.

Amagambo yabwiwe umugore hafi y’iriba, yabaye imbuto nziza itaratinze kumera. Abasamariya bumvise Yesu, maze baramwizera. Ubwo bari bamukikije bamuhase ibibazo, maze bakirana ibyishimo byinshi ubusobanuro bwe ku bintu byose byari byarababereye urujijo. Mu kumwumva, ibyabarushyaga byose byarayoyokaga. Bari bameze nk’ubwoko bwiberaga mu mwijima, maze mu kanya gato, imirasire y’umucyo irarasa imenyekanisha ko bucyeye. Ariko icyo kiganiro cy’akanya gato ntabwo cyabahagije. Bifuje kumenya byinshi biruseho kandi inshuti zabo nazo zagombaga kugira amahirwe yo kumva uwo Mwigisha w’agahano. Nuko bamurarikira kwinjira mu mudugudu wabo, maze bamusaba kuhatinda. Arabemerera amara i Samaliya iminsi ibiri, maze umubare munini w’abantu baramwizera.

Ukwicisha bugufi kwa Yesu kwateye abafarisayo kumukerensa. Mu gukerensa ibitangaza yakoraga, bamusabye gukora ikimenyetso gihamya ko ari Umwana w’Imana. Ariko abasamaliya bo nta kimenyetso na kimwe basabye, na Yesu nta gitangaza yakoze ari muri bo uretse amabanga yo mu buzima bw’umugore wari hafi y’iriba. Nyamara benshi muri bo baramwizere mu munezero mwinshi bari bafite, babwiraga uwo mugore bati : “Noneho si amagambo yawe yonyine aduteye kwizera, kuko na twe twiyumviye tukamenya ko uyu ari we Mukiza w’abari mu isi.”

Abasamariya bategerezaga Mesiya uzaba Umucunguzi w'abari mu isi utari uw'Abayuda gusa. Abinyujije mu kanwa ka Mose Umwuka wera yari yaravuze ko ari umuhanuzi wavuye ku Mana. No mu kanwa ka Yakobo byavuzwe ko amahanga yose ari we azumvira; no mu ka Aburamu ko imiryango yo mu isi izaherwa umugisha muri we. Iyo mirongo yo mu Byanditswe byera ni yo yari urufatiro rw'ibyiringiro bya Mesiya ku basamaliya. Kubera ko abayuda basobanuraga nabi ubuhanuzi bumuvuga, byatumye icyubahiro cyo kugaruka kwa Mesiya baracyitiriye ukuza kwe kwa mbere, Abasamaliya bo bizeye ko Ibyanditswe na Mose ari byo byanditswe byera byonyine. Igihe Umukiza yeyuyeho ubusobanuro bupfuye bwose, benshi bizera ubwo buhanuzi bushya kimwe n'ibygisho bya Kristo bivuga iby'ubwami bw'Imana.

Yesu yari yatangiye gusenya urukuta rwari hagati y'Abayuda n'abanyamahanga; maze yigisha agakiza k'abatuye isi bose. Nubwo yari Umuyuda, yateguriye inzira Abasamariya, atitaye ku migenzo ya gifarisayo. Atitaye ku rwihekwe n'ibizavugwa, Yesu yemera gucumbikirwa n'ubwoko busuzugurwa. Aryama mu nzu yabo arira ku meza yabo kandi aya ku byo kurya batetse, yigishiriza mu miharuro y'iwabo kandi abagaragariza ubuntu n'impuhwe.

Mu rusengero rw'i Yerusalemu hariho urusika ruto rutandukanya igikari n'indi migabane y'inyubako yera. Kuri urwo rusika hari inyandiko zanditswe mu ndimi zitandukanye, ibwira abanyamahanga ko abayuda gusa aribo bemerewe kurenga uwo mupaka. Umunyamahanga wari kwegera aho, yari kuba yigerejeho yagombaga kwicwa kubw'ibyo, kuko yari kuba ahumanije urusengero. Ariko Yesu we nkomoko y'urusengero n'ibirukorerwamo, n'urukundo rwinshi yareshyaga abanyamahanga mu bugwaneza, mu gihe ubuntu bw'Imana bwabazaniraga agakiza kanze n'abayuda.

Igihe Yesu yamaze i Samaliya cyari gikwiriye kubera abigishwa be icy'imigisha, kuko bari bakigendera mu gukabya kwa kiyuda. Bumvaga ko ari inshingano yabo kwita ku ishyamba ryabo bashyigikira urwango bagirira abasamaliya. Imyifatire ya Yesu yarabatangaje. Ntibashoboraga kwibuza gukurikiza icyitegerezo cye; iminsi ibiri bamaze i Samaliya yahagaritse urwihekwe babagiriraga kubera kubaha Yesu; ariko imitima yabo yari itaracengerwa. Byari bibakomereye rwose gusobanukirwa ko ishyamba n'agasuzuguro kabo bakwiriye

kubisimbuza impuhwe n'imbabazi. Yesu amaze kuzamurwa mu ijuru, nibwo amasomo y'Umukiza wa bo yafashe ubusobanuro bushya kuri bo. Nyuma yo gusukwa k'Umwuka wera ni bwo bibutse amagambo y'Umukiza wabo, icyubahiro n'impuhwe yagiriraga abanyamahanga b'insuzugurwa. Urukundo rumeze rutyo ni rwo Petero yagaragaje, igihe yajyaga kwigisha i Samariya. Igihe Yohana ahamagariwe kujya mu Efeso n'i Simuruna, yibuka icyitegererezo cy'i Shekemu yuzura ishimwe ashimira Umwigisha we wavuye mu ijuru, kuko yateganyirije ingorane bajyaga guhura nazo, maze akabafashisha kubabera icyitegererezo.

Umukiza akomeje umurimo we nk'uko yabigenzaga, igihe yahaga Umusamariyakazi amazi y'ubugingo. Bishobora kubaho ko abigishwa ba Kristo bakerensa ndetse bagahungira kure abadashimwa babana nabo; ariko nta mpamvu n'imwe yaba iy'imivukire, ishyanga se cyangwa se imibereho yo mu buzima yabemerera kureka kutagirira urukundo abana b'abantu. Yesu abwira umutima uwo ari wo wose, uko ibyaha byawo byaba bingana kose ngo : "Iyaba wari ubinsabye naguha amazi y'ubugingo."

Umuhamagaro w'ubutumwa bwiza ntukwiriye kugabanurwa ngo ubwirwe gusa abantu bakeya batoranijwe wakwibwira ko ari bo biteguye kuwakira kandi bakawemera. Ubutumwa bukwiye guhabwa abantu bose. Ahantu hose, aho imitima yiteguye kugururira kwakira ukuri, Kristo yiteguye kuyigisha. Abigisha kumenya Data wa twese no gusenga gukwiriye kugirirwa usoma ibiri mu mutima. Ku bantu bameze batyo, Yesu ntavuganira na bo mu migani. Ababwira nk'uko yabwiye umugore wari hafi y'iriba ati: "Ni nje tuvugana."

Igihe Yesu yari yicaye aruhukira ku iriba rya Yakobo, yari avuye i Yudaya, aho umurimo we uteze imbuto nyinshi. Yari yanzwe n'abatambyi n'abigishamategeko, kandi abiyitaga abigishwa be ntabwo bamenye kamere ye y'ubumana. Yesu yari arushye nyamara ntabwo yakerensheje akanya yabonye ko kuvugana n'umugore w'umunyabyaha wari umunyamahangakazi.

Umukiza ntiyategereje ko abamwumva baba inteko nini. Akenshi yatangiriraga ku bantu bake bamukikije, nuko abahisi n'abagenzi bagahagarara umwe umwe ngo bamwumve, mu kanya gato inteko nini ikirema, maze bakumva amagambo y'Imana avugwa n'Umwigisha wavuye mu ijuru, bumiwe kandi bashima. Ukorera Kristo ntakwiriye gucibwa intege nuko abo abwira ari bake.

Byashoboka ko umuntu umwe gusa ari we waba ari aho ukeneye kumva ubutumwa; ariko se ni nde washobora kumenya aho imbaraga ze zizageza ubwo butumwa? Ndetse no mu maso y'abigishwa, ikiganiro Yesu yagiranye n'umunyamahangakazi, babonaga nta cyo kimaze. Ariko Yesu avugana na we afite ishyamba ryinshi nk'uwaba ari imbere y'abami n'ibikomangoma n'abacamanza cyangwa se abatambyi bakuru. Ibyigisho yahaye uwo mugore, byagiye bisubirwamo bigera ku mpera z'isi.

Ubwo Umusamaliyakazi yari amaze kubona Umukiza, yamureherejeho imitima myinshi. Agaragaza ko yuzuwemo n'umutima wo kubwiriza ubutumwa ndetse kurusha abigishwa be. Abigishwa bo ntibabonaga i Samariya ari ahantu heza ho kubwirizwamo ubutumwa. Ibitekerezo byabo babihangaga ku murimo munini uzakorwa mu gihe kiri imbere. Ntabwo barabukwaga ko bugufi bwabo imirima yeze, ikaba igomba gusarurwa. Ariko kubera umugore bakerensaga, abaturage bose b'umudugudu bagira amahirwe yo kumva Umukiza. Uwo mugore yahise ajyana ako kanya uwo mucyo ku bantu bo mu karere ke.

Uyu mugore yabaye akabarore, maze yerekana kwizera nyakuri gukora iyo Kristo wamugize nyambere. Buri mwigishwa nyakuri wa Kristo, ahinduka umubwirizabutumwa bwiza, guhera akimara kwinjira mu bwami bw'Imana. Uwanyoye ku mazi y'ubugingo, nawe ubwe ahinduka isoko y'ubugingo. Akimara guhabwa, nawe ahita atanga. Ubuntu bwa Kristo iyo buri mu mutima, buba nk'isoko yo mu butayu, idudubiza kugira ngo igarurire abagenzi bose ubuyanja, igaha abari bagiye gupfa icyifuzo cyo kunywa ku mazi y'ubugingo.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 4:1-42.
2. Abaroma 10:6-9.
3. Yohana 3:3.
4. Gutegeka kwa kabiri 18:15.

*** *** ***

20. NIMUTABONA IBITANGAZA



Abanyegalilaya bavuye muri Pasika, bavugaga imirimo itangaje ya Yesu. Iteka ryari ryaciriwe imirimo ye rivuzwe n'abayobozi b'i Yerusalemu, rimwugururira umuryango i Galilaya. Ibibi byakorerwaga mu rusengero byavugwaga na benshi utaretse ubugugu n'ubwirasi by'abatambyi. Bizeraga ko uwo muntu

wateye abakuru guhunga yaba ariwe mutabazi wari utegerejwe. Inkuru zari zasakaye, zasaga n'izishimangira ibyo byiringiro bikomeye. Abantu bumvise ko umuhanuzi yari yigaragaje, ko ari we Mesiya.

Abatuye i Nazareti, ntibamwizeraga. Ni nayo mpamvu yatumye Yesu atanyura i Nazareti ubwo yajyaga i Kana. Nk'uko Umukiza yabibwiye abigishwa be, nta muhanuzi uhanura iwabo. Abantu bashimagiza imico bakurikije ibyabo ubwabo bemera. Imitima yihugiraho ya kimuntu yahaga agaciro Kristo ikurikije uko yavutse mu buryo bwa gikene, ukwicisha bugufi kwe kugaragara, n'imirimo ye ya buri munsu. Ntabwo bashoboraga gushima ukubonera k'umutima uzira ikizinga cyose.

Inkuru y'uko Kristo yagarutse i Kana ikwira vuba i Galilaya hose, itera ibyiringiro mu bari barembye n'abari mu kaga. I Kaperinaumu, Umuyuda wo mu muryango w'ibikomangoma, wari umusirikari mukuru w'umwami, yari afite umuhungu urwaye indwara isa naho idashobora gukira, yari yararetswe n'abaganga. Se w'umwana yumvise bavuga ibya Yesu, yiyemeza kujya kumusaba ubufasha. Umwana yari arembye cyane ku buryo batinyaga ko nahindukira aza gusanga atakiriho; ariko uwo musirikari yumva ko akwiriye kwisangira Yesu we ubwe, yiringira ko uwo Muganga mukuru azemera ugusaba k'uwo mubyeyi¹.

Ageze i Kana, asanga Yesu azengurutse n'inteko y'abantu. Kubera guhangayika abanyuramo agera aho Umukiza ari. Kwizera kwe kugira ikigucogoza. Ashidikanya

ko uwo muntu wambaye imyambaro yoroheje, warenzweho n’umukungugu, akagira ibimenyetso by’umunaniro ku bw’urugendo yashobora kumubonera icyo yashakaga; uko biri kose amwemerera ko bavugana, maze abwira Umukiza impamvu z’urugendo rwe, kandi anamusaba ko bajyana iwe. Nyamara ariko Yesu yari yamenye kare, umubabaro we. Yari yabonye agahinda k’uwo mutware mbere y’uko we aya iwe. Na none kandi Yesu yari asanzwe aza uwo mubyeyi, nubwo yari afite uko yizera Yesu atari yiteguye kumwemera nka Mesiya, keretse ari uko amuhaye icyo yari aje kumusaba. Nuko mu gihe uwo mutware yari ategerezanyije igishyika cyinshi, Yesu aramubwira ati

: «Ntimwakwizera keretse mubonye ibimenyetso n’ibitangaza! »

Nubwo Yesu yari yarerekanye ko ari Mesiya, uwasabaga yari yiyemeje gushingira ukwizera kwe muri we ari uko abonye icyo yasabye. Umukiza ashya itandukaniro hagati y’uko gushidikanya n’ukwizera kw’abasamariya, batigeze basaba igitangaza cyangwa ikimenyetso. Ijambo rye no guhora agaragaza ubumana bwe, byari bihagije gutera kwizera mu mitima yabo. Kristo yarebanaga umubabaro ubwoko bwe bwite, kuko aribo bari barahawe ibyanditswe byera ariko ntibamenye ijwi ry’Imana, yavuganiraga nabo mu Mwana wa yo.

Cyakora uwo musirikare ntabwo yari abuze kwizera rwose, kuko yari yazanywe no gusaba ikintu cyiza cyari kirushije ibindi kumubera icy’agaciro. Yesu yashoboraga kumuha impano irushaho kuba nziza. Ntiyifuzaga gukiza umwana gusa, ahubwo yifuzaga no kurarikira uwo mutware n’ab’umuryango we kwakira imigisha y’agakiza, no gucana itara i Kaperinaumu, aho yari agiye gukorera imirimo ye bidatinze. Mbere yo kwifuza ubuntu bwa Kristo, uwo mutware yari akwiriye kubanza kumva ubukene bwe. Icyo gikomangoma cyari kimeze nka benshi muri bagenzi be bari baraje kuri Yesu bazanywe n’ibyo bararikiye. Bari biteze kwifashisha ubushobozi bwa Yesu, maze bakemera kwizera ari uko yemeye kubaha ibyo bamusabye by’umukiro w’iyi si; birengagizaga indwara zabo z’iby’umwuka, kandi ntibiyumvishaga ko bakeneye ubuntu bw’Imana.

Amagambo y’Umukiza yinjiza urumuri rugurumana mu mutima w’uwo mutware. Asobanukirwa ko gushaka Yesu kwe kwari gutewe n’impamvu ze zo kwikunda, maze ngo yumve ukwizera kwe gucumbagira, yibazanya impungenge

niba ugushidikanya kwe kudatera umuhungu we gupfa. Ahita abona ko Yesu yasomye ibitekerezo bye, kandi ko byose bimushobokera. Nuko ashengurwa n'agahinda, aramwinginga ati: “Databuja, manuka, akana kanjye katarapfa.” Mbere nk’uko Yakobo akirana na malayika yatatse ati : “Sinkurekura utampaye umugisha²”, niko na we yasingiriye Kristo afite kwizera.

Nk’uko byagendekeye Yakobo, aranesha. Umukiza ntashobora kwirengagiza umuntu ugaragaza ko amukeneye cyane maze akamugundira. Yaramubwiye ati : “Genda umuhungu wawe ni muzima.” Nuko umutware ava aho yuzuye amahoro n’umunezero atigeze agira mbere hose. Ntiyizeye gusa ko umuhungu we yakize, ahubwo yari amaze gushyira ibyiringiro bye byose muri Kristo ko ari Umucunguzi.

Kuri iyo saha, abari barwaje umwana, mu nzu ye i Kaperinaumu, babona habayeho uguhinduka kw’igitangaza. Ibimenyetso by’urupfu byeyuka mu maso h’umurwayi. Indoro yari yahombetse irakanguka, umubiri wari uciye intege unanutse ugarurwamo imbaraga zawo. Umubiri we wahindaga umuriro wari wongeye koroherwa kuko ubuganga bwari bwawuvuyemo muri cya gihe cyo ku manywa. Nta bimenyetso by’indwara byari bikirangwa kuri uwo mwana, kuko yari yiryamiye atuje. Umuryango wari utangaye, kandi uvuza impundu.

Urugendo rwari hagati y’i Kana n’i Kaperinaumu rwashoboraga gutuma umutware agera iwe ku mugoroba w’umunsi yari yahuye na Yesu; ariko ntiyihutira gutaha; bituma agera i Kaperinaumu bukeye mu gitondo. Mbega ukuntu yahindukiye! Yajyanye umutima wuzuye agahinda ubwo yari agiye kureba Yesu. Yari arembejwe n’umucyo w’izuba ndetse n’urusaku rw’inyoni. Mbega ukuntu byari bitangaje uko yagarutse, byari byahindutse bishya ! Ibintu byose yabibonaga ukundi. Mu rugendo rwe mu masaha yo mu rukerera, ibyaremwe byose byasaga n’ibyafatanije na we guhimbaza Imana. Akiri kure y’urugo rwe, abagaragu bibwira ko baje kumumara intimba, niko kuza kumusanganira. Ntiyagaragazaga ko hari ikimutangaje, ahubwo ababazanya amatsiko yabateye kumirwa, isaha umwana yakiriyeho. Baramusubiza bati : “Ejo mu isaha ndwi ni bwo ubuganga bwamuvuyemo.” Muri cya gihe ukwizera k’uwo mubyeyi kwahawe isezerano ngo : «Umwana wawe ni muzima », ni bwo urukundo rw’Imana rwari rukabakabye kuri uwo mwana w’indembe.” Umubyeyi yihutira kujya aho uwo mwana we ari, amuhobera mu gituza

cye nk'uzutse, ari nako adahwema gushimira Imana uko gukiza kw'igitangaza. Uwo mutware yifuzaga cyane kumenya Kristo. Hanyuma agize amahirwe yo kumva ibyigisho bye, ajya mu bigishwa be, ajyanye n'abe bese. icyo gihamya cyagize umurimo wo kwihanisha umuryango wose. Nuko inkuru y'icyo gitangaza yamamara i Kaperinawumu ; aho ibitangaza byinshi byakorewe; bityo inzira y'umurimo bwite wa Kristo iba irateguwe.

Uwamanuriye imigisha ku mutware w'i Kaperinaumu, n'ubu nabwo aracyifuza kuyiduha natwe. Nyamara akenshi nk'uko byagendekeye uwo mubyeyi wari ufite agahinda, icyifuzo cyacu cyo kuba hari icyiza cy'isi twagira ni cyo kidutera kujya gushaka Yesu, bityo tukaba tugaragaje ko kwiringira urukundo rwe biterwa n'uko amasengesho yacu ashubijwe. Umukiza yifuza kuduha umugisha uruta cyane uwo tumusaba, anyuranya igisubizo cye kugira ngo aduhishurire ubugome buri mu mutima wacu, mu buryo dukeneye cyane ubuntu bwe. Yifuza ko tureka inariye ariyo iduhatira kumushaka. Inshingano yacu ni icyo kwiringira urukundo rwe no kwemera ubuhanga bwacu, maze tukumva ko tumukennye.

Umutware yari yifuje kubona amasengesho ye ashubijwe mbere yo kwizera; ariko yagombye kwakira ijamba rya Yesu kugira ngo ikibazo cye cyumvwe, maze ahabwe icyiza yashakaga. Natwe dukeneye kwiga iryo somo. Ntitugomba gutegereza kureba cyangwa kumva ko Imana iduteze amatwi kugira ngo tubone kwizera. Dukwiriye kwiringira amasezerano yayo. Umutima w'Imana Data wakira ibyo dusaba byose igihe tuyegereye dufite kwizera. Igihe twagize icyiza dusaba, dukwiye kwizera ko tugihawe, maze tugashimira Imana nk'abamaze kugihabwa. Hanyuma tugasubira ku mirimo yacu twizeye rwose ko imigisha twasabye tuzayihabwa mu gihe gikwiye. Igihe tuzaba twamaze kumenya kugenza dutyo, nibwo tuzamenya neza ko amasengesho yacu yashubijwe. Imana izadukorera "ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose." "Nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo bukomaye ziri"; "kugira ngo mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo zitagira akagero³."

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 4:43-54.

2. Itangiriro 32:26.

3. Abefeso 3:20,16; 1:19.

21. BETESIDA N'INAMA NKURU Y'ABAYUDA



Kandi i Yerusalemu bugufi bw'irembo ry'Intama hari ikidendezi, mu Ruheburayo bita Betesida, cyariho amabaraza atanu. Muri ayo mabaraza hari abarwayi benshi, barimo impumyi n'ibirema n'abanyunyutse bari bategereje ko amazi yihinduriza¹” Mu bihe bimwe na bimwe amazi yarihindurizaga, ibyo bintu bakabyita ko bikorwa n'imbaraga idasazwe; bibwiraga yuko umurwayi winjiyemo ubwa mbere amazi yihinduriye yagiraga amahirwe yo gukira indwara ye uko yabaga imeze kose. Aho hantu hagendererwaga n'abarwayi amagana menshi b'indembe; abantu barahirikanaga iyo amazi yihindurizaga, kuko babaga ari benshi cyane, ku buryo bakandagira abagabo n'abagore

n'abana b'abanyanteye nke. Abenshi ni abatarigeze bashobora na rimwe kwegera icyo kidendezi, cyangwa iyo bashoboraga kuhagera, bapfiraga ku nkengero. Bari barubatswe utuzu two gukingira abarwayi ubushyuhe ku zuba cyangwa imbeho ya nijoro. Hari abararaga muni y'amabaraza, buri muni bagakambakamba berekeza ku kidendezi ngo ahari bareba ko bakira, ariko bikaba iby'ubusa.

Na none Yesu yari i Yerusalemu. Yagendagendaga ari wenyine, asa n'uwatwawe n'ibitekerezo no gusenga; nuko agera kuri icyo kidendezi. Abona izo mbabare zategerezanyaga umubabaro icyo bitaga amahirwe yabo rukumbi yo gukira. Yesu yifuzaga gukoresha imbaraga ze zo gukiza, ariko hari ku muni w'isabato. Inteko nyinshi z'abantu bajyaga mu Rusengero gusenga, kandi Yesu yari azi ko igikorwa cyo gukiza ari ugutuma Abayuda bagira ibitekerezo bibi, bikaba byakoma mu nkokora umurimo we.

Umukiza arabukwa ubabaje by’umwihariko. Yari umugabo umaze imyaka mirongo itatu n’umunani amugaye. Indwara ye ngo nk’ingaruka y’ibyaha bye, ibyo byatumaga bavuga ko ari iteka Imana yamuciriyeho. Yari wenyine, ari nta nshuti agira, umutima we na wo ukamwumvisha yuko ari kure y’Imana; icyo kimuga cyari kimaze imyaka myinshi cyarihebye. Abamugiriraga impuhwe bamujyanaga muni y’amabaraza igihe bateganyaga ko amazi ari hafi kwihinduriza, ariko iyo amazi yihindurizaga ntibabaga bahari ngo bamufashe kujya mu kidendezi. Yajyaga abona amazi yihinduriza, ariko ntiyigeze atambuka ngo arenge ku nkombe z’ikidendezi. Abandi bamurusha imbaraga bamutangagamo. Ntiyigeze ashobora gutambuka inteko yashegaga yishakira gukira. Imbaraga zose yakoresheje kugira ngo agere ku ntego yo gukira, zimarwa nuko uko yageragezaga byamunaniraga.

Yiryamiye ku karago ke, maze rimwe na rimwe akajya yubura umutwe, ngo arebe ikidendezi, nuko agiye kubona abona umuntu umureba amufitiye impuhwe, arunama maze aramubaza ati: “Mbese urashaka gukira?” Nuko agira amatsiko, ibyiringiro byongeraga kwinjira mu mutima we. Yiyumvamo ko hari ubutabazi bumwegereye. Ariko bidatinze imbaraga ziracika, kuko yari yibutse ko igihe kinini yajyaga agera ku kidendezi bikaba iby’ubusa. Yiyumvagamo ko atagishigaye igihe kirekire cyo kubaho, areba amazi y’ikidendezi yihinduriza. Nicyo cyatumye amusubizanya umunaniro agira ati: “Databuja simfite umuntu unjugunya mu kidendezi iyo amazi yihinduriye; nkiza, undi antanga kumanukamo”

Mu cyimbo cyo gusaba umurwayi kwizera, Yesu aramubwira ati: “Byuka wikorere uburiri bwawe ugende.” Uwo muntu yakiranye iryo jambo kwizera. Imitsi yose igarurwamo ubuzima maze ingingo zose zari zononekaye zongeraga kuba nzima. Nta gushidikanya yemera kumvira inama ya Kristo, ingingo ze zose nazo zemera kumvira. Ahagurukira ku birenge bye maze yitegura gutambuka.

Nta bubasha buvuye mu ijuru Yesu yamusezeraniye. Ibyo byari gutera uwo muntu gushidikanya maze akavutse amahirwe ye rukumbi yo gukira. Ahubwo yiringiye amagambo ya Kristo, arakomezwa ubwo yakoraga nk’uko ategetswe.

Ukwizera kumeze gutyo kwatuma dukira mu by'umwuka. icyaha cyadutandukanyije n'ubugingo bw'Imana. Imitima yacu yaramugaye. Nk'uko iki kimuga kitabashaga gutambuka, niko natwe tutabasha kugira imibereho yera. Hariho abantu benshi biyumvamo intege nke zabo bakaba bifuza ubugingo bw'umwuka bwabatera gusabana n'Imana; bakoresha imbaraga zabo ngo bashobore kugera kuri icyo ntego, ariko bikaba iby'ubusa. N'umubabaro mwinshi wo kwiheba bagataka n'ijwi rirenga bati: "Ngushije ishyano ni nde wankiza uyu mubiri utera urupfu."² Imitima nk'icyo irwana intambara yihebye ikwiriye kurarama ikareba hejuru. Umukiza arunama akareba bene abo bantu yacunguje amaraso ye maze akababwirana impuhwe n'urukundo rutavugwa agira ati: "Mbese urashaka gukira?" Abategeka guhaguruka bagahabwa ubugingo n'amahoro. Ntimugategereze kwiyumvamo ko mukize. Nimwizere Ijambo rye kuko rizasohora. Nimushyire ubushobozi bwanyu mu ruhande rwa Yesu. Nimwiyemeze kumukorera nk'uko ijamba rye rivuga, muzahabwa imbaraga ya ngombwa ikenewe. Umuco mubi uko waba umeze kose ndetse n'irari ryose ryabase umutima wanyu igihe kirekire, Yesu ashobora kandi yifuza kubigukiza. Azaha ubugingo uwari wapfuye, azize ibicumuro bye³. Azabohora imfungwa yaboshywe n'intege nke zayo n'ibyago byayo n'ibyaha byayo.

Icyo kimuga gikize kirunama ngo gitware uburiri bwacyo bwari bugizwe n'agasambi n'akaringiti, cyunamutse kirakebaguza ngo kirebane umunezero uwagikijije, ariko Yesu yari yivanze na rubanda atagihari. Atinya ko ahari yazamuyoberwa agize amahirwe yo kongera guhura nawe. Nuko akomeza urugendo rwe anezerewe ahura n'abafarisayo ababwira uko akize; atangazwa no kubona inkuru ye batayakiranye ishimwe.

Barakaye, baramuhagarika kugira ngo bamubaze impamvu yikoreye uburiri ku muni w'isabato. Bamwibutsanya ubukana bwinshi ko bitemewe kwikorera umutwaro ku muni w'Umwami. Mu munezero we, uwo mugabo yari yibagiwe ko uwo muni ari ku isabato; cyakora ntiyashoboraga kwigaya ko yumviye itegeko ry'uwakoresheje ububasha bungana butyo bukomoka mu ijuru. Asubiza asa n'utagize icyo yitayeho agira ati : «Uwankijije ni we wambwiye ati: ikorere uburiri bwawe ugende». Bamubajije uwabimubwiye ntiyabasha kumumenya. Abo bayobozi bari bazi neza ko umwe gusa ariwe wenyine ushobora gukora igitangaza nk'icyo; bashakaga igihamba gituma barega Yesu ko azirura isabato. Bo bumvaga yishe itegeko ubwo yakizaga umurwayi ku isabato; ikirenze

icyo kandi ngo yari yakoze icyaha gikomeye cyo kumutegeka kwikorera uburiri bwe.

Abayuda bari barangije amategeko maze bayagira umutwaro udaterurwa. Kubw'amategeko yabo y'amafuti bari iciro ry'umugani kuri rubanda. Urukuta rw'udutegeko tudafashije rwari rugose isabato. Bari bararetse ibyo kwinezeza nk'ikintu cy'icyubahiro cyerejwe Uwiteka. Kubw'ikosa ry'abanditsi n'abafarisayo, kwizihiza uwo munsu byari byarahindutse umutwaro uremereye. Umuyuda ntiyari yemerewe gucana umuriro, haba no gucana itabaza ku munsu w'isabato. Haba ubwo basangaga abanyamahanga, bakabasaba kugira ibyo babakorera kandi amategeko yabo atabyemera. Ntibabonaga ko niba ibyo bikorwa byanduye n'ababisaba abakozi babo ngo babikore baba bagiweho n'urubanza nk'ababikoze ubwabo. Bumvaga ko agakiza ari akabo gusa, nk'abayuda maze bakibwira ko ubwo imikorere y'abandi idashimwa nta cyayihindura mibi biruseho. Ariko nta tegeko na rimwe Imana yatanze ridakwiriye kubahwa na bose. Itegeko ryayo ntirishima imipaka idafite agaciro iyo ari yo yose cyangwa inariye yose.

Yesu ahurira mu rusengero na wa mugabo yari yakijije. Uyu yari yazanye igitambo cy'ibyaha n'icy'ishimwe kubw'ubuntu butangaje yari yagiriwe. Yesu amubonye mu bari baje kuramya aramwiyereka maze amubwira amagambo y'umuburo agira ati : “Dore ubaye muzima, ntukongere gukora icyaha utazabona ishyano riruta irya mbere”.

Ubwo yahuraga n'Umutabazi we, ibyishimo by'uwo mugabo biramwuzura. Atitaye ko Yesu bamwangaga, yihutira kumwerekana abafarisayo bari bamubajije Uwamukijije. “Niyo mpamvu Abayuda bahigaga Yesu kuko ibyo yabikoraga ku munsu w'isabato”.

Yesu ajyanwa imbere y'inama y'abayuda bamurega ko yaziruye isabato. Iyo icyo gihe abayuda baba bigenga, icyo kirego cyari gihagije kugira ngo bamukatire urwo gupfa. Kubera ko bari munsu y'ububasha bw'Abaroma, ntibashoboraga gusohozwa umugambi wabo. Abayuda ntibari bemerewe gutanga igihano cy'urupfu kandi ibirego baregaga Yesu ntibyashoboraga guhabwa agaciro n'urukiko rw'abaroma. Cyakora biringiraga ko hari indi migambi bazageraho. Nubwo

bamurwanyaga birengeje urugero, imbaraga za Yesu zarushagaho kwaguka cyane no kugera i Yerusalemu. Abantu benshi batitaga ku bisebyo by'abigishamategeko bakururwaga n'inyigisho ze. Amagambo ye yabaga ari ku rugero rw'ubwenge bwabo, yongeraga kubatera imbaraga kandi agakomeza imitima yabo. Yabagaragarizaga ko Imana atari Umucamanza wihorera ko ahubwo ari umubyeyi w'impuhwe kandi nawe ubwe yagaragarizaga ishusho y'Imana mu buzima bwe. Amagambo ye yaberaga umubavu imitima ishenjaguwe. Byaba mu magambo ye cyangwa mu bikorwa bye by'imbabazi, yacaga imigozi y'imihango ishaje n'amategeko y'abantu yari abaremereye; maze akabamenyesha urukundo rw'Imana mu kuzura kwarwo kudakama.

Dusoma muri bumwe mu buhanuzi bwa kera bwavugaga ibyo kuza kwa Mesiya aya magambo ngo: “inkoni y'ubutware ntizava hagati y'ibirenge bye n'iy'Ubwami ntizava kuri Yuda nyirayo atari yaza, uwo niwe amahanga yose azumvira⁴.” Rubanda rwose rwari rwiteguye kumvira Kristo. Inteko nyinshi z'abantu zakiranaga umutima utuje ibyigisho bye by'urukundo n'impuhwe bakabirutisha imigenzo idashobotse y'amategeko y'abatambyi. Atiriwe ahangana n'abatambyi n'abigishamategeko inyigisho ye yazanye ubugorizi butigeze kubaho mbere. Kugira ngo babumbatire ubutegetsi bwabo, abatware biyemeje gucekesha ibikorwa bya Yesu. Uguhamagarwa kwe mu nama nkuru y'Abayuda kwakurikiwe no guciraho iteka inyigisho ze byatumye iyo ntego igerwaho bitewe n'icyubahiro abayobozi b'idini bahabwaga. Koroshya umutwari bakoreraga abantu cyangwa se kwirengagiza amategeko y'abigishamategeko, byari icyaha cyo gutuka Imana. Abigishamategeko bibwiraga ko ari ugutuma abantu bashidikanya Yesu. Bamuregaga ko agerageza gukuraho imigenzo yahozeho kera no kuzana amacakubiri mu bantu, bityo ngo abone uko ategura guhirika ubutegetsi bw'Abaroma.

Ariko abigishamategeko bashakaga gusohozanya umwete iyo migambi bifashishije inama nkuru yabo, yari yaratangiriye mu yindi nama. Adashoboye gutsindira Yesu mu butayu, satani yegeranyije imbaraga ze zose kugira ngo arwanye umurimo we no kuwukoma mu nkokora. Ibyo yananiwe gukoresha imbaraga ze, ashaka izindi ngamba zo kubishobora. Intambara yo mu butayu ikimara kurangira Satani yateranije abamarayika be mu nama bose hamwe banoganya imigambi yo kongera ubuhumyi mu bwoko bw'abayuda maze bakababwira kwakira Umucunguzi wabo. Satani afata umugambi wo gushyira ku murimo ibikoresheho bantu mu by'idini, abashyiramo urwango rwamuteraga kurwanya Yesu. Satani afata ingamba zo gutera

abantu kwanga Kristo ngo agire ubuzima bumuruhije uko bishoboka kose, ngo ibyo bimutere gucika intege maze areke gukomeza umurimo we. Nguko uko abayobozi b'Isiraeli bahindutse ibikoresho bya satani mu ntambara yo kurwanya Umukiza.

Yesu yari yazanywe no “gukomeza amategeko ye no kuyatunganya.” Mu cyimbo cyo kuyakuraho no kuyapfobya yashakaga no kwerekana ukwera kwayo. Ibyanditswe byera bivuga bita: “ntazacogora ntazakuka umutima, kugeza aho azasohoreza gukiranuka mu isi⁵.” Yesu yari yazanywe no gukiza isabato amategeko y'imihango yatumaga iba umutwaro kuko yayihinduraga umuvumo mu cyimbo cy'umugisha.

Nicyo cyatumye ahitamo gukora igitangaza ku isabato ku kidendezi cy'i Betesida. Uko gukiza byari gushobora kuba ku wundi muni w'icyumweru, yemwe n'icyo kimuga cyari gukira ntihanabeho itegeko ryo kumubwira ngo yikorere uburiri bwe. Ariko icyo Yesu yashakaga nacyari kuba kigezweho. Umugambi wuzuye ubwenge niwo wari urufatiro rw'ibikorwa bya Yesu mu mibereho ye yose ubwo yari hano ku isi. Buri gikorwa cye cyose cyabaga gifite agaciro gafitanye isano n'inyigisho ze. Mu ndembe zari ziteraniye aho ku kidendezi, yahisemo uwari ubabaye cyane kugira ngo yerekane imbaraga ze zikiza, ateguka uwo muntu kwikorera uburiri bwe, mu mudugudu wose agenda atangaza ubuntu yagiriwe. Ibyo byateye ibibazo byo kumenya uwamuteye gukora atyo ku isabato kandi Yesu yari agize amahirwe yo gucyaha imihango mibi abayuda bari barashyize ku muni w'Umwami no kwerekana ko imigenzo nta mumaro igira.

Yesu abumvisha ko igikorwa cyo gukora uhumuriza abababaye, gihuje n'amategeko agenga isabato, n'umurimo w'abamaraika b'Imana, bahora bacuragana bava mu ijuru baza mu isi, kugira ngo boroherenze abantu mu buribwe bwabo. Yesu yaravuze ati: “Data arakora kugeza na n'ubu nanjye ndakora” Iminsi yose ni iy'Imana, isohoreshamo imigambi yayo kubw'umuryango wa bene muntu. Iyo ubusobanuro abayuda bahaga amategeko buza kuba aribwo, Uwiteka Yehova yajyaga kuba ari mu ikosa, kandi ariwe utanga ubugingo akaramira ibibaho byose. Uhereye igihe yashyiriyeho imfatiro z'isi, iyo biza kuba bityo, uwahamije ko ibyo yaremye byari byiza cyane, agahanga isabato ngo ibe ikimeyetso cy'uko ashoje

imirimo yo kurema, aba yarahagaritse umurimo wose, kandi akabuza amasi gukomeza gutembera.

Mbese Imana yagombaga kubuza izuba gukora umurimo waryo mwiza ku muni w'isabato no kubuza imirasire yaryo ikiza gukomeza gushyushya isi no kwita ku bitera? Mbese itsinda ry'inyenyeri zigomba guhagarara ntizinyeganyeye kuri uwo muni wera ? Mbese Imana yagombaga gutanga itegeko ryo kubuza imigezi kuneteshya ibibaya no guhagarika imiraba y'inyanja ? Ingano n'ibigori bikwiriye kureka gukura maze imbuto zikareka guhisha ? Ibiti kimwe n'indabyo bikwiriye kureka gufundika ngo bizere imbuto kuko ari ku isabato ?

Bibaye bityo imbuto z'ubutaka ntabwo zaboneka kuko abantu bazibura kimwe n'ibindi byiza byose bitera ubuzima gukundwa. Birakwiriye ko ibyaremwe bikomeza urugendo rwabyo rudahinduka. Imana yigijeyo ukuboko kwayo akanya gato gusa, umuntu yakonda, agapfa. Umuntu na we kandi k'uwo muni w'isabato afite inshingano agomba gusohozwa. Imibereho ikeneye kwitabwaho; abarwayi bagomba kuvurwa; abatindi bakwiriye gutabarwa.

Uwirengagiza gutabara ababaye ku muni w'isabato, ntazumvirwa. Uwo muni wera w'Imana wabereyeho umuntu kandi ibikorwa by'imbabazi bihuye rwose n'icyo gitekerezo. Ntabwo Imana yifuza rwose na gato ko habaho isaha naho yaba imwe y'umubabaro ibabaza ibiremwa byayo, byari bikwiriye gufashwa haba ku muni w'isabato cyangwa ku wundi muni.

Abantu bakwiriye gutegereza ko Imana ibaha byinshi ku muni w'isabato kuruta iyindi minsi. Bityo ubwoko bw'Imana bureka indi mirimo isanzwe yabwo ahubwo icyo gihe bugikoresha bwiga Ijambo ry'Imana kandi busenga. Ubwo bwoko busaba Imana imigisha isaze muri uwo muni, kurusha iyindi minsi. Basaba cyane yuko Imana irushaho kubitaho. Basaba imigisha y'igiciro, kandi Imana ntabwo itegereza ko isabato irangira kugira ngo ibahe ibyo bakeneye. Umurimo wo mu ijuru ntabwo uhagarara, kandi abantu ntibagombye kureka gukora ibyiza. Isabato ntikwiriye kuba umwanya w'ubunabwoba. Amategeko abuzanya umurimo wose usanzwe ukorerwa kubona ibihembo n'umurimo wose ugendereye kwinezeza cyangwa se inyungu, ubuzanywa n'amategeko kuri uwo muni nyine. Nk'uko Imana yahagaritse kurema maze ikaruhuka ku isabato, kandi ikayeza, niko n'umuntu na we akwiriye kureka imirimo isanzwe, maze akegurira ayo masaha yera ikiruhuko

kizana agakiza, no gusenga ndetse n'ibikorwa byiza. Yesu mu gukiza umuntu, yakoraga rwose ibihuje n'amategeko. Yubahaga isabato.

Yesu yavugaga ko ubushake bwe buhuje rwose n'ubw'Imana mu gusohozza igikorwa cyera, akaba asangiye rwose na Se wo mu ijuru umurimo wera. Ariko ibyo byababaje abafarisayo barushaho kumurakarira. Kuko kuri bo atari yishe amategeko gusa, ahubwo “ahora yita Imana ko ari Se” akigereranya.

Abayuda bose bitaga Imana Se; uburakari bwabo ntibwari kugurumana iyo Kristo aza kuja mu ruhande rwabo akubaha Imana nk'uko bayubaha. Bamuregaga ko atuka Imana kuko bari bumvise neza uburyo rukumbi yiyitamo Umwana w'Imana.

Abanzi ba Kristo ntibashoboraga kunyomoza ukuri yacengezaga mu mitimanama yabo. icyo bashoboraga kwitwaza gusa ni imihango yabo n'imigenzo, nyamara byari ibintu bitaboneye, ugereraniye n'ibyigisho Yesu yakuraga mu Ijambo ry'Imana, ndetse n'ibyo yavanaga ku byaremwe. Iyo abigishamategako baza gukenera kumurikirwa, baba barasobanukiwe no kubona ko Yesu avuga ukuri. Ariko banga ukuri yari abazaniye kwerekeranye n'isabato maze bashakaga guteza rubanda kumwanga, kuko yababwiraga yuko ahwanye n'Imana. Uburakari bw'abatware ntibwagiraga gitangira. Iyo bataza gutinya rubanda, baba bariciye Yesu aho ngaho. Nyamara rubanda rwose rwaramukundaga. Abantu benshi babonaga Yesu nk'inshuti yabo yabakijije ubumuga bwabo, akabahumuriza bari mu gahinda; kandi basobanura impamvu ikimuga cy'i Betesida cyakize. Kuri ubu bwo, abatware bagabanya urwangano rwa bo.

Yesu ahakana ikirego bamuregaga cyo gutuka Imana. Aravugaga ati: ikintera gukora imirimo ituma mundakarira ni uko ndi Umwana w'Imana, nkaba mpuje na yo kamere, imigambi n'ubushake. Mu mirimo ye yose yo kurema, no gukora ubushake bwa Data, turakorana. “Umwana ntacyo abasha gukora ubwe atabonye se agikora.” Abatambyi n'abigishamategako barega Umwana w'Imana ko akora n'ubundi ibyo yari yaratumwe gukora hano mu isi. Ibyaha byabo byari byarabatadukanyije n'Imana, maze ubwirasi bwabo butuma bakora batayobowe nayo. Kuko bibwiraga ko bihagije, bumvaga badakeneye kuyoborwa n'ufite

ubwenge buheranije. Ibiri amambu Umwana w’Imana we yahoraga muni y’ubushake bwa Se, akagengwa n’ububasha bwe. Kristo yari yarisize ubusa, ku buryo ntacyo yakoraga kubwe. Yemeraga imigambi y’Imana nk’uko yayimuhishuriye. Natwe rero twari dukwiriye kugengwa n’Imana kugira ngo imibereho yacu ishobore gusohozza iby’ubushake bwayo.

Ubwo Mose yari agiye kubaka ubuturo bwera, aho Imana yajyaga kuba, yahawe itegeko ryo gukora rwose akurikije icyitegererezo yerekewe ku musozi. Mose yari afite ishyamba ryo gukora umurimo w’Imana yari kumwe n’abanyabukorikori b’abahanga biteguye gukora ibyo abategeka. Nyamara yaba impanda yaba umukomamanga, yaba inshunda z’umwenda cyangwa ikindi gikoresho cyose cyo mu buturo bwera. Nta na kimwe cyagombaga gukorwa hadakurikijwe icyitegererezo cyo ku musozi. Imana yamuzamuye ku musozi kandi imumenyesha ibintu byo mu ijuru. Imana yamutwikirije ubwiza bwayo ngo bimubashishe kwitegereza neza icyitegererezo ahabwa, kandi ikintu cyose cyakozwe nk’uko icyitegererezo kiri. Uko niko Imana yahishuriye Abisiraeli icyubahiro cy’imico yayo aho yashakaga gushyira ubuturo bwayo. Icyitegererezo cyari cyatangiye ku musozi, ubwo amategeko yatangirwaga kuri Sinayi, ubwo Uwitwaga yanyuraga imbere ya Mose yivugaga agira ati: “Uwitwaga, Uwitwaga Imana y’ibambwe n’imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n’umurava mwinshi ! Igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b’ibihe igihumbi ikababarira gukiranirwa n’ibicumuro n’ibyaha⁶”

Abisirayeli bahisemo kunyura inzira yabo bwite, ntabwo bakoze bakurikije icyitegererezo bahawe Kristo we Rusengeri nyakuri aho Imana ituye, yari yatunganije ibyangombwa byose by’ubuzima bwe hano ku isi akurikije icyitegererezo nyakuri cy’ijuru. Maze aravugaga ati: “Mana yanjye nishimira gukora ibyo ushaka, ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye⁷” Ni uko n’imico yacu ikwiriye kubakwa kugira ngo “ibe inzu yo kubabwamo n’Imana mu mwuka⁸” Dukwiriye gukora byose dukurikije icyo cyitegereza ni ukuvugaga ngo: “Dukurikije icyitegererezo cy’Uwabababarijwe akabasigira icyitegererezo kugira ngo mugere ikirenga mu cye⁹.”

Amagambo ya Kristo atwigisha kwifatanya akaramata na Data wa twese wo mu ijuru. Uko twaba tumaze kose tubeshyeho n’Imana yo ifite mu biganza byayo ibizatubaho byose. Yahaye buri wese inshingano ye agomba gusohozza ikurikije

imbaraga yaduhaye. Nuko rero igihe cyose ubushake bwacu buzabaho bwumvira ubushake bw’Imana kandi tugakomeza kwiringira imbaraga n’ubwenge bwayo, tuzayoborwa mu nzira itunganye kugira ngo dukore uruhande rwacu nk’uko imigambi yayo iri. Umuntu kwishingikiriza ku bwenge bwe no ku mbaraga ze bwite, ni ukwitandukanya n’Imana. Ni ugusohoza umugambi w’umwanzi w’Imana n’abantu, aho gukorana na Kristo.

Umukiza arongerera ati: “kuko ibyo Se akora byose n’Umwana aribyo akora.... Nk’uko Se azura abapfuye akabaha ubugingo niko n’Umwana aha ubugingo abo ashaka” Mu gihe abasadukayo bibwiraga ko nta muntu uzuka, Yesu we yahamije ko umwe mu mirimo itangaza ya Data wa twese ari ukuzura abantu kandi nawe ubwe afite ubushobozi bwo gukora umurimo nk’uwo. Yaravuze ati: “Igihe kirasohoye ubwo abapfa bumva, kandi bazumva ijwi ry’Umwana w’Imana n’abaryumvise bazaba bazima” Abafarisayo bizeraga iby’umuzuko w’abapfuye. Kristo ababwira ko imbaraga izura abapfuye iri muri bo kandi ko bazabona ukwigaragaza kwayo. Niyo mbaraga yo kuzuka igarura ubugingo mu mutima wapfuye uzize ibyaha n’ibicumuro byawo. Umwuka w’ubugingo uri muri Kristo Yesu ni “Imbaraga yo kuzuka” ikiza abantu ububata bw’«itegeko ry’ibyaha n’urupfu,¹⁰» ikibi kikaba kiratsinzwe umutima ukarindwa icyaha kubwo kwizera. Umuntu wese wugururira umutima we imbaraga y’Umwuka wera wa Kristo afite uburenganzira ku mbaraga ikomeye izakura umubiri we mu gituro.

Nuko uwo Munyanazareti wicisha bugufi aba ahamije ububasha bwe nyakuri. Agaragara asumba ubumuntu, yamaganira kure inyegamo y’icyaha n’isoni bashaka kumukingiranimamo, nuko yigaragaza ari uwo abamarayika bapfukamira, Umwana w’Imana ufite ubumwe n’Umuremyi w’isi n’ijuru. Abamwumvaga batangazwaga n’amagambo ye. Ntabwo higeze habaho umuntu uvuga nka we. Kandi ntihigeze habaho umuntu ufite icyubahiro cya cyami nka we, imvugo ye itunganye kandi iboneye yagaragaje neza umurimo wamuzanye kandi igaragaza neza inshingano y’abatuye isi; “Kuko ari nta numwe Data wa twese aciraho iteka, ahubwo yabihaye Umwana ngo abe ari we uca amateka yose kugira ngo abantu bose bubahe Umwana nk’uko bubaha Se. Utubaha uwo Mwana ntaba yubashye na Se wamutumye.” “Kandi nkuko Data afite ubugingo muri we, niko yahaye Umwana kugira ubugingo muri we, kandi yamuhaye ubushobozi bwo guca amateka, kuko ari Umwana w’umuntu.”

Abatambyi n’abakuru bigize abacamanza kugira ngo bacire iteka umurimo wa Kristo ariko we aboneka nk’umucamanza wabo ndetse n’uw’iyi si yose. Isi yose yashyizwe mu butware bwa Kristo, muri we niho ibyiza byose biva ku Mana binyura ngo bigere ku bantu bagomye. Ni Umucunguzi uhereye mbere yuko yigira umuntu ndetse no hanyuma yaho. Kuva icyaha cyagaragara mu isi, habayeho Umukiza. Yagejeje umucyo n’ubugingo kuri bose kandi buri wese azacirwa urubanza hakurikijwe umucyo yahawe. Uwatanze umucyo arararikana impuhwe imitima, yihatira kugira ngo ive mu byaha igere ku gukiranuka; ni Umuvugizi kandi ni Umucamanza wabo. Guhera igihe intambara iroteye mu ijuru, satani mu murimo we, yitwaza ikinyoma. Kristo akorera kugira ngo ahishure imigambi y’umwanzi no kumenagura imbaraga ze. Ni we wanesheje umushukanyi, uko ibihe bihaye ibindi yihatira kumutwara imfungwa yagize imbata, kandi ni we uzacira imanza abantu bose.

Imana “yamuhaye ubutware bwo guca amateka, kuko ari Umwana w’umuntu.” Amaze kunywa ku gikombe cy’imibabaro n’ibigeragezo byose by’abantu akacyiranguza, asobanukirwa ubumuga n’ibyaha by’abantu; yatsinze ibigeragezo byose by’umwanzi ku bwacu, ni yo mpamvu ashobora rwose guca imanza zitabera, kandi akagirira impuhwe imitima yifuje gukiza ayitangira amaraso ye: ku bw’ibyo byose, nicyo cyatumye Umwana w’umuntu ashyirirwaho guca amateka.

Bityo Kristo ntabwo yazanywe no guca amateka ahubwo yazanywe no gukiza. “Kuko Imana itatumye umwana wayo gucira abari mu isi ho iteka, ahubwo Imana yabikoreye kugira ngo abari mu isi bazakizwe na we.” Yesu imbere y’Inama nkuru y’abayuda yaravuze ati “uwumva ijambo ryanjye akemera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo”

Kristo yararikiye abamwumvaga kudatangazwa nuko abahuguriye iby’ahazaza. Yarababwiye ati: “Igihe kirageze ubwo abari mu bituro bazumva ijwi rye bakavamo, abakoze ibyiza bakazukira ubugingo buhoraho naho abakoze ibibi bakazukira gucirwaho iteka”

Ibi byiringiro byerekeranye n’ubugingo bw’ahazaza ni byo abisirayeli bari barategereje igihe kirekire, nibyo bumvaga bazahabwa ubwo Mesiya azaba aje. Umucyo rukumbi washoboraga gutamurura umwijima ku gituro, warabagiraniraga kuri bo. Nyamara bagira kwinangira mu buhumyi. Yesu yari yarishe amategeko y’imihango y’abigishamategeko ntiyanemera ubutware bwabo, na bo ntibashaka kumwizera.

Igihe, ahantu, umwanya n’ibyari mu mitima yari iteraniye aho, byatumaga amagambo ya Yesu yabwiraga inama y’abayuda yumvikana cyane. Ubuyobozi bukomeye bw’ishyanga bwashakaga kwica Uwashyiriweho kwegura ishyanga rya Isiraeli. Umwami w’isabato yahagaritswe imbere y’urukiko rw’abantu, aregwa kwica itegeko ry’isabato. Igihe yahamyaga umurimo wamuzanye afite ubutware, abamuciraga urubanza bamurebanye umujinya bumiwe nyamara ntibashobora gusubiza ku kibazo cyose babajijwe. Ntibabashije kumuciraho iteka. Yumvishije abatambyi n’abigishamategeko ko nta burenganzira bafite bwo kumubaza cyangwa se bwo guhagarika umurimo we. Nta bushobozi bugeze aho bari bafite. Ubutware bwabo biratanaga bwari bushingiye gusa ku bwirasi n’agasuzuguro. Ntiyemeye ko bamwita umunyabyaha kandi yanze kwigishwa nabo.

Ntiyigeze ashaka kwiregura ku byo bamuregaga cyangwa ngo asobanure impamvu z’imyifatire ye, Yesu ahangana n’abo batware. Aho kuba uregwa, yahindutse umushinja. Abarega ko bafite imitima inangiye kandi abumvisha uburyo batamenye icyo byanditswe byera bivuga. Yababwiye ko banze ijamba ry’Imana kuko banze uwo yatumye. Yarababwiye ati: “ Mugenzura mu byanditswe kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho kandi ari byo bimpamya”

Kuri buri rupapuro, yaba amateka, amategeko cyangwa ubuhanuzi, ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera byarabagiranagamo ubwiza bw’Umwana w’Imana. Umuhango wose wavuye ku Mana wakorwaga n’abayuda, wari ubuhanuzi bwuzuye bw’ubutumwa bwiza. “abahanuzi bose baramuhاميje bavuga ko umwizera wese azababarirwa ibyaha ku bw’izina rye¹².” Guhera igihe isezerano ryahabwaga Adamu rigakomezwa mu bakurambere nk’umutungo wabo, umucyo wo mu ijuru urabagirana wagenda gerekanwa intambwe z’Umucunguzi.

Abanyabwenge babonye inyenyeri y'i Betelehemu, yagaragazaga Shilo wagombaga kuza kugeza ubwo ukuri kw'ahazaza kwabagendagendaga imbere mu buryo bw'igitangaza. Buri gitambo cyose cyasuraga urupfu rwa Yesu Kristo. Ugukiranuka kwe kwazamukaga muri buri mubavu wo ku gicaniro. Ijwi ry'impanda rya Yubile ryahamyaga izina rye. icyubahiro cye cyabaga ahera cyane.

Mu gutunga Ibyanditswe byera, abayuda bibwiraga ko bafite ubugingo buhoraho kubwo kumenya Ijambo ry'Imana ku munwa gusa. Ariko Yesu arababwira ati: “ Ijambo rye ntiriguma muri mwe.” Mu kwanga Kristo mu ijambo rye, bari bamaze kumwanga wese. Yarababwiye ati: “Nyamara mwanze kuza aho ndi ngo muhabwe ubugingo”

Abayobozi b'abayuda bari bazi ubuhanuzi buvuga iby'ubwami bwa Mesiya, atari uko bagendereye kumenya ukuri, ahubwo ari ukugira ngo bamenye ibihamya by'ibyiringiro byabo by'ubwirasi. Kristo ataje nk'uko bari bamutegereje banga kumwakira. Kugira ngo bisobanure, bibatera kumwita umubeshyi. Kubera ko bari bishyize muri iyo nzira ya Satani ntiyabakoma mu nkokora barwanya Kristo. Ndetse n'amagambo yari yatangiye guhamya ubumana bwa Kristo bayakoreshaga bamurwanya. Uko niko ukuri kw'Imana baguhinduye ibinyoma, maze uko Umukiza yerekanaga imbabazi ze mu bikorwa yabakorera niko barushagaho kwiyemeza kurwanya umucyo.

Yesu yarababwiye ati: “Sinshaka ishimwe ry'abantu”. Yesu ntiyashakaga gushyigikirwa n'inama nkuru y'abayuda, nta nubwo yasabye kwemerwa na yo. Iyo nama ntiyari kumwubaha. Yari yambaye icyubahiro n'ubutware bwo mu ijuru. Iyo aza kubishaka abamarayika bari kuza bakamuramya; ndetse na Se yari kongera guhamya ubumana bwe.

Kubw'urukundo yabakundaga akarukunda n'ishyanga ryose bari babereye abatware, yifuzaga ko abatware b'Abisiraeli bamenya imico ye bakakira imigisha yari yabazaniye

Yesu yarababwiye ati: “ Njye naje mu izina rya Data ntimwanyemera, ariko undi uzaza mu izina rye muzamwemera”. Yesu yaje yuzuye ubutware bw'Imana afite ishusho yayo, asohozza ijambo ryayo, ashaka icyubahiro cyayo, nyamara ntiyakirwa n'abatware b'Isiraeli; abandi baje biyita Kristo bikorera ibyo bishakiye, bishakira icyubahiro cyabo bwite bakwagirwa. Kuki bimeze bityo? Kuko ushaka

icyubahiro cyeye aba abyutsa inarijye iri mu bandi. Abayuda bari biteguye kwakira umuhamagaro umeze utyo. Umwigisha gito yagombaga kwakirwa kuko yashyonyagije inarijye yabo, agakunda ibyo bikundira, n'umuhungu yabo. Ibyigisho bya Kristo byari bihabanye n'intekerezo zabo. Byari ibyigisho by'umwuka bigasaba ukwiyanga, niyo mpamvu bitakiriwe. Abayuda ntibari bazi Imana kandi ijwi ryayo ryumvikaniraga muri Yesu ryari ryababereye nk'iry'umunyamahanga.

Mbese siko bimeze no muri iki gihe ? Mbese mu bayobozi b'idini ntiharimo bamwe banangira imitima yabo bakarwanya ibikorwa by'Umwuka wera kandi bakanga kumva ijwi ry'Imana? Ntibanga Ijambo ry'Imana ngo bikurikirize imigenzo yabo?

Yesu yaravuze ati: “Iyo mwizera Mose nanjye muba munyizeye kuko ari ibyanjye yanditse. Ariko se nimutizera ibyo uwo yanditse noneho n'amagambo yanjye muzayizera mute ? ” Ni Kristo wavuganiraga n'Abisirayeli mu kanwa ka Mose. Iyo baza kumva ijwi ry'Imana ryavuganiraga nabo mu kanwa k'umuyobozi wabo mukuru Mose, baba baramenyeye iryo jwi no mu nyigisho za Kristo. Iyo baza kwizera Mose baba barizeye n'uwo Mose yavuze.

Yesu yari azi ko abatambyi n'abigishamategako bagambiriye kumwica, nyamara abasobanurira neza ubumwe afitanye na Data wa twese n'isano ye n'ab'isi. Bibonera ko kumurwanya kwabo kudafite ishingiro, nyamara urwanganu rw'ubwicanyi ntibarureka rwose. Babaye abahamya b'imbaraga ye yemeza abantu yaherekezaga umurimo we, bagira ubwoba; nyamara barinangiye banga umuhamagaro, bifungiranira mu mwijima.

Bari bananiwe rwose gutsinda ubutware bwa Yesu cyangwa se kumutesha agaciro ke ngo bamuhuze rubanda, kuko benshi bari bemejwe n'ijambo rye. Abatware ubwabo bari bamaze kumva ko baciriweho iteka igihe yinjizaga mu bwenge bwabo gusobanukirwa n'ibyaha byabo, icyo nta kindi byazanye keretse kurushaho kumwanga. Bari bafashe icyemezo cyo kumwica. Bohereza intumwa mu gihugu cyose zo kumvisha rubanda ko bagomba kwitondera Yesu, kuko zagendaga zivuga ko ari umubeshyi. Abatari bagombaga kumwoga runono ngo bazane ibyo

Yesu Kristo

yavuze n'ibyo yakoze. Ubwo Umukiza wacu wavuye mu ijuru yari bugufi bw'umusaraba.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 5.
2. Abaroma 7:24.
3. Abefeso 2:1.
4. Itangiriro 49:10.
5. Yesaya 42:21,4.
6. Kuva 34:6,7.
7. Zaburi 40:9.
8. Abefeso 2:22.
9. Abaheburayo 8:5; 1 Petero 2:21.
10. Abefeso 2:1; Abafilipi 3:10; Abaroma 8:2. 11. Yohana 3:17. 12. Ibyakozwe n'intumwa 10:43.

***** ****

22. GUFUNGWA N'URUPFU BYA YOHANA



Yohana umubatiza ni we wabaye uwa mbere wo kuvuga ukuza k'ubwami bwa Kristo; ni na we wabaye uwa mbere wo kubizira. Amaze igihe kirekire yishimira umwuka mwiza wo mu butayu kandi amaze kubona imbaga y'abantu bazaga kumwumva, none ubu yari akingiraniwe mu kumba ka gereza. Yari amaze kuba imfungwa mu gihome cya Herode Antipa. Umugabane

munini w'umurimo wa Yohana yari yawukoreye mu ntara iri hakurya ya Yorodani i burasirazuba, mu bwatsi bwa Antipa. Ndetse na Herode na we yari yariyumviye uyu mubwiriza. Irarika ryo kwihana ryari ryarahindishije umushyitsi uwo mwami wononekaye.

“Kuko Herode yatinyaga Yohana, azi ko ari umukiranutsi wera. Amwumvise biramuyobera, amwumvira anezerewe.” Yohana yacyashye Herode kubera imibonano ye na Herodiya muka mwene se. Herode yagerageje kubanza kwigobotora ingoyi z'ubusambanyi zari zaramugize imbata, ariko Herodiya ashaka kumudanangira mu mutego we, noneho ashatse kwihorera kuri Yohana umubatiza asaba Herode kumushyira mu nzu y'imbohe¹.

Umwijima no kudakora byaremereye iyo mfungwa yari imenyereye imibereho yo gukora. Ibyumweru bihita nta gihinduka, gucika intege no gushidikanya biramufata. Abigishwa be ntabwo bamutereranye. Babashije kugera kuri gereza, bamugezaho inkuru y'umurimo wa Yesu n'uburyo amagambo ye afite imbaraga; ariko bakibaza impamvu uwo Mwigisha mushya atabohora Yohana niba ari Mesiya. Byashobokaga bite ko yakwemera ko uwo mukiranutsi w'icyamamare yamburwa uburenganzira ndetse akaba yakwamburwa n'ubugingo bwe ?

Ibyo bibazo biza kubona ingaruka yabyo. Bituma Yohana agira gushidikanya atari kuzagira iyo batahimubwira. Kumva ayo magambo y'abigishwa ba Yohana byazaniye Satani umunezero kandi bituma asobanukirwa neza uburyo yashenguye umutima w'intumwa y'Umwami Imana. Akenshi abiyita inshuti nziza z'umuntu kandi bakihutira kumuhamiriza ubudahemuka bwabo, amaherezo bagaragara ko aribo banzi bakwiriye kwirindwa cyane. Igihe kinini aho gukomeza kwizera kwe, amagambo yabo amutesha umutwe ndetse akamuca intege rwose.

Nk'uko byagendekeye abigishwa b'Umukiza, Yohana umubatiza na we ntiyasobanukirwaga imiterere y'ubwami bwa Kristo. Yategereje kubona Yesu yima ingoma ya Sekuruza Dawidi; ariko uko igihe cyahitaga Umukiza atarwaniye ubutware bwe bwa cyami, Yohana bimutera impungenge maze ahagarika umutima. Yari yarigishije yuko ubuhanuzi bwa Yesaya bwagombaga gusohora kugira ngo bitegurire inzira y'Umwami Imana, umusozi wose n'agasozi biringanizwe n'ahagoranye hagororwe, n'inzira zidaharurwe ziharurwe. Yatekerezaga yuko ubwirasi n'ubwibone bw'abantu n'icyubahiro cyabo bizajugunywa hasi. Yari yerekanye Mesiya ko ariwe wari ufashe intara mu kuboko kwe kandi ko azakubura imbuga ye, agahunika ingano mu bigega bye, naho umurama akawushyira mu muriro utazima. Ameze nka Eliya wa wundi wari warazaniye abisirayeli umwuka n'imbaraga, Yohana yatekerezaga ko Umwami Imana igiye kwigaragaza mu muriro.

Mu myitozo y'umurimo we, Yohana yari yaracyahanye imbaraga ibicumuro yaba imbere y'abakomeye cyangwa aboroheje. Yari yaratinyutse guhangara umwami Herode no kumwumvisha igicumuro cye. Yashohoje inshingano y'umurimo yari yahawe naho byamusabaga gutanga ubugingo bwe. Muri Gereza nta wundi yatekerezaga uretse Intare yo mu muriro wa Yuda, kuko yibwiraga ko agiye gucisha bugufi ubwibone bw'umugome no kubohora umukene wamutakiraga. Ariko Yesu yasaga n'uwishimiye kwiyegezeza abigishwa akiza kandi yigisha rubanda. Babonaga yiycariye ku meza y'abakoresha b'ikoro, mu gihe uburetwa bw'Abaroma bwarushagaho gutsikamira ubwoko bw'Abisirayeli, mu gihe Herode n'inshoreke ye bakoraga iby'ibishakirye byose, amarira y'abakene ariko azamuka ajya mu ijuru.

Ibi byose byari ibanga ridasobanutse kuri uyu muhanuzi wo mu butayu. Mu bihe bimwe ibyongorero by'abadayimoni byarembyaga umutima we, ubwoba

bwinshi bukamufata. Mbese byashoboka ko umutabazi wategerejwe igihe kirekire yaba atari yaza? Ariko noneho ubutumwa yategetswe kuvuga bwaba busobanuye iki ? Yohana ababazwa cyane nuko umurimo utageze ku nshingano yawo. Yari yibwiye ko ubutumwa bw’Imana yari yazanye buzagira ingaruka zimwe n’izo gusoma amateka yo mu gihe cya Yosiya na Ezira², hagakurikiraho umurimo wo kwihana byimbitse no kugarukira Uwiteka. Yari yaratanze imibereho ye yose kugira ngo ubutumwa bwe bugire amaherezo meza. Mbese aho ntiyaruhiye ubusa?

Yohana yahagaritse umutima, ubwo yabonaga ko abigishwa be kubwo kumuzirikana, bashidikanya ibya Yesu. Yaba yarabakoreye iby’imfabusa ? Mbese byaba byaratewe nuko atabaye indahemuka ku murimo we bigatuma urangira ? Niba umutabazi wasezeranywe yari amaze kuza na Yohana nawe akaba yarabaye indahemuka ku murimo we, mbese Yesu ntiyajyaga kwirukana umugome maze akabohora integuza ye ?

Nyamara Yohana umubatiza ntiyacogora kwizera Mesiya. Kwibuka ijwi ryavuye mu ijuru n’inuma yamanukiye kuri Yesu, ariyo isobanura ukubonera kuzira inenge kwa Mesiya, n’imbaraga y’Umwuka wera yari kumwe na Yohana ubwo yari kumwe n’Umukiza, ndetse ibihamya byanditswe n’abahanuzi, ibyo byose byahamya ko Yesu w’i Nazareti ariwe wari warasezeranywe.

Yohana ntiyifuzaga kujya impaka na bagenzi be kubwo kumushidikanyaho n’ibimutera impungenge. Ahitamo kwibariza Yesu. Aha ubutumwa babiri bo mu bigishwa be yizera ko ikiganiro bazagirana n’umukiza kizakomeza kwizera kwabo kandi kigaha ibyiringiro na bene se. Yifuzaga cyane kumva Kristo agira icyo amuvugaho.

Abigishwa basesekara kuri Yesu bajyanye ubutumwa ngo: “Ni wowe wa wundi ukwiriye kuza cyangwa dutegereze undi ?”

Hari hashize igihe gito ubwo Yohana yerekanaga Yesu akavuga ati: “Nguyu umwana w’intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi! Nyuma yanjye haza unduta ubukuru kuko yahozeho ntarabaho³” Ariko noneho ikibazo cyari cyabajijwe ngo: “Mbese ni wowe wa wundi ukwiriye kuza” Mbega ukuntu kamere

y'umuntu icika intege? Niba Yohana wari integuza y'indahemuka atarabashije guhishukirwa neza n'umurimo wa Kristo, ni iki cyari gutegerezwa ku nteko y'abantu bari buzuwemo n'inarinjye.

Umukiza ntiyahise asubiza uwo mwanya ikibazo cy'abigishwa. Bagitangajwe no guceceka kwe, babona ibimuga n'abarwayi baraza bamusanga, bifuza gukira. Impumyi zatwazaga muri rubanda zikabakaba, indembe z'uburyo bwose zazaga zimusanga zimwe zarigenzaga izindi zihagatiwe n'inshuti, bose bihutiraga kwegera Yesu. Ijwi ry'uwo muganga ukomeye ryinjiraga mu matwi y'ibipfamatwi. Impumyi zashoboraga kureba umucyo w'amanywa, azikozeho cyangwa se avuze ijamba rimwe gusa, bakitegereza ubwiza bw'ibyaremwe, mu maso y'inshuti ndetse bakitegereza mu maso h'uwo Mutabazi. Yesu yacyahaga indwara akirukana ubuganga. Ijwi rye ryumvikanaga mu matwi y'abenda gupfa rikabagaruramo ubugingo ndetse bakagarurwamo ubuyanja. Abagagajwe n'abadayimoni bumviraga ijamba rye; bagakira ibisazi byabo bagaherako bakamuramya. Uko yakizaga abarwayi niko yakizaga inteko y'abantu. Rubanda rw'abatindi n'abakozi b'abakene banenwaga n'abigishamategeko baramukikizaga maze akabaha amagambo y'ubugingo bw'iteka.

Umunsi urangira utyo abigishwa ba Yohana bumva kandi bareba ibyo byose. Hanyuma Yesu arabahamagara maze ababwira gusubira kuri Yohana no kumubarira ibyo babonye kandi yongera kuvuga ati: “Hahirwa uwo ibyanjye bitazagusha⁴”. Yari amaze guhamya ubumana bwe akenura ubukene bw'abantu bababazwaga. Yagaragaje icyubahiro cye aca bugufi cyane yishyira ku kigero cyacu.

Abigishwa bajyana ubutumwa bwabo, kandi ibyo byari bihagije. Ubu buhanuzi buvuga ibya Mesiya bwongera kugaragara mu bitekerezo bya Yohana aribwo bwagiraga buti: “Uwiteka yansize amavuta ngo mbwirize abagwaneza ubutumwa bwiza. Yantumye kuvura abafite imvune mu mitima no kumenyesha imbohe ko zibohowe no gukingurira abari mu nzu y'imbohe, kandi yantumye no kumenyesha abantu umwaka w'imbabazi z'Uwiteka⁵” Imirimo ya Kristo yahamyaga ko ari Mesiya kandi ikanagaragaza uburyo ubwami bwe buzashyirwaho. Yohana asobanukirwa kwa kuri kwahishuwe na Eliya mu butayu. “Igihe umuyaga mwinshi wa Serwakira wazaga ugasatura imisozi, kandi umenagura ibitare imbere y'Uwiteka. Ariko Uwiteka yari atari muri uwo muyaga.

Umuyaga ushize habaho igishyitsi cyinshi; ariko Uwiteka yari atari muri icyo gishyitsi. Hakurikiraho umuriro, ariko Uwiteka yari atari muri uwo muriro⁶. Hanyuma y’umuriro haza ijwi ryoroheje ry’ituze. Uwiteka Imana ivuganira n’umuhanuzi mu ijwi ryoroheje rituje.” Uko niko Yesu yajyaga kurangiza umurimo we, atari urusaku rw’intwaro cyangwa mu guhirika ingoma n’ubwami, ahubwo abwira abantu akoresheje imibereho y’imbabazi no kwitanga.

Amahame yo kwitanga ariyo rufatiro rw’imibereho ya Yohana ni nayo yari amahame y’ubwami bwa Mesiya. Yohana yari azi ukuntu ibyo bintu byari bihabanye n’amahame y’ibyiringiro by’abatware b’Isiraeli. icyamubereye igihamba nyakuri cy’ubumana bwa Kristo nticyajyaga kubazanira umucyo na muke. Bari bategereje Mesiya utandukanye n’uwari warasezeranywe. Yohana asobanukirwa neza ko umurimo w’Umukiza washoboraga gutera inzangano no gucirwaho iteka. We kuko yari integuza yagombaga gusogongera ku gikombe Yesu yagombaga kwiranguza.

Amagambo y’Umukiza ngo “Hahirwa uwo ibyanjye bitazagusha !”, yarimo gucyaha koroheje kwakeburaga Yohana. Ntabwo byabaye imfabusa. Yohana amaze gusobanukirwa imiterere y’umurimo wa Kristo, noneho yishyira mu maboko y’Imana haba kubaho cyangwa se gupfa, yiyemeza gusa gukora umurimo yakundaga.

Intumwa zimaze kwikubura Yesu abwira inteko y’abantu ibyo yatekerezaga kuri Yohana. Umutima w’Umukiza ugirira impuhwe uwo muhamya ukiranuka wababariraga muri gereza ya Herode. Ntabwo bagombaga kwibaza niba Imana yarahanye Yohana cyangwa bibwira ko kwizera kwe kwacogoye ku munsu w’ibigeragezo. Yesu niko kubaza ati: “Mwajyanywe mu butayu kureba iki ? Ni urubingo ruhungabanywa n’umuyaga ?

Ibibingo birebire byameraga ku nkombe y’uruzi rwa Yorodani, bigahungabana kubera umuyaga, byashoboraga kugereranya rwose abigishamategako bari barigize abacamanza b’umurimo wa Yohana umubatiza. Bakozwaga hirya no hino n’imiyaga y’ibitekerezo bya rubanda rwa giseseka. Ntabwo bashakaga kwicisha bugufi kugira ngo bakire ubwo butumwa bucengera

bwa Yohana umubatiza; gutinya rubanda byonyine gusa nibyo byababujije kurwanya ku mugaragaro umurimo wa Yohana. Intumwa y’Imana yo nta gucogora nk’uko kwari kuyirimo. Inteko y’abantu bari bakikije Kristo bari barabonye umurimo wa Yohana. Bari barumvise acyahana umwete ibyaha by’abantu. Yohana yari yaravugiye ku mugaragaro imbere y’abafarisayo bigira abakiranutsi, imbere y’abatambyi bagize igice cy’abasadukayo, yavugiye imbere y’umwami Herode n’abiwe, yavugiye imbere y’ibikomangoma n’abasirikari n’imbere y’abakoresha b’ikoro ndetse na rubanda rwose. Ntabwo yari urubingo ruhungabanywa n’umuyaga wo gushyeshya kw’abantu cyangwa urwikekwe. None muri gereza yagaragaje cya kimenyetso cyo kumvira Imana, agaragaza umwete kubwo gukiranuka kwe nk’uwo yerekanye mu butayu ubwo yabwirizaga ubutumwa bw’Imana. Yakomeje kuba indahemuka ku mahame, maze ashikama nk’urutare.

Yesu akomeza agira ati: “Ariko se mwagiye kureba iki ? Ni umuntu wambaye imyenda yorohereye ? Erega abambaye imyenda y’abagaburirwa ibyiza baba mu ngo z’abami.” Yohana yahamagariwe guciraho iteka ibicumuro no gukabya byo mu gihe cy’e, imyambarire ye icye bugufi n’imibereho ye yo kwiyanga, byari bihuye rwose n’imiterere y’umurimo we. Imyambaro ya gikungu no kwimenyereza ibitangarirwa by’igiciro cyinshi, ntabwo bikwiriye kugirwa umwambaro w’abakozi b’Imana, ahubwo bikwiriye kugirwa n’ababa ibwami, abatega b’isi, bo bafite ubutware ndetse n’ubutunzi. Yesu yagaragaje itandukaniro riri hagati y’imyambarire ya Yohana n’iy’abatambyi n’abakuru. Abo bakozi bari bambaye imyambaro y’igiciro cyinshi kandi bakagira imirimbo ihenze. Bashaka kugaragazwa n’ubwinshi bw’ubutunzi bwabo no kwihesha ibyubahiro. Bari bashishikajwe cyane no gushaka gushimwa n’abantu mu cyimbo cyo kugira ukubonera k’umutima kwari kubahesha kwemerwa n’Imana. Bityo rero bagaragaje ko bashishikajwe no kumvira ubwami bw’isi mu cyimbo cyo kubaha Imana. “Ariko se mwari mwagiye kureba iki ? Ni umuhanuzi ? Ni koko: Kandi ndababwira ko aruta umuhanuzi cyane. Uwo ni we wandikiwe ngo. Dore ndenda gutuma integuza yanyje mbere yawe. Izakubanziriza itunganye inzira yawe. Ndababwira ukuri ko mu babyawe n’abagore ntawe uruta Yohana.” Maraika wabwiye Zakariya ibyo kuvuka kwa Yohana yari yaravuze ati: “ Nuko azaba mukuru imbere y’umwami Imana⁷” Ni iki kigira umuntu mukuru imbere y’ab’ijuru ? Ntabwo ari ubutunzi, si urwego umuntu arimo, ntabwo ari ukuba igikomangoma, nta nubwo ari impano z’ubuhanga abantu babonana umuntu.

Iyaba abantu barebaga ubukuru bahereye ku mpano z'ubwenge gusa, ari nta kindi cy'igiciro gishimwa, icyo gihe rero Satani ni we washimagizwa cyane kuko ari we wari ufite impano z'ubwenge buhebutse butigeze bugirwa n'umuntu uwo ari we wese. Iyo impano ikoresherejwe inarijye, uko irushaho kuba nini niko izarushaho kuzana umuvumo uteye ubwoba. Imana iha agaciro gusa ubwenge nyakuri. Ahubwo ishima urukundo no kubonera. Yohana yari mukuru mu maso y'Umwami Mana guhera ubwo yari imbere y'intumwa z'urukiko rw'abayuda imbere ya rubanda n'abigishwa be bwite, maze aho gushaka icyubahiro cye bwite akereka abantu bose ko Yesu ari Mesiya wasezeranywe. Umunezero utagereranywa wa Yohana, yagize yishimira umurimo wa Kristo wagaragaje ubupfura butangaje kandi bukomeye bubasha kugirwa n'umuntu.

Abari bumvise ubuhamya bwa Yesu, nyuma y'urupfu rwe, na bo baje kumuhamya bagira bati: "Yohana nta kimenyetso yakoze ariko ibyo Yohana yavuze kuri uyu byari iby'ukuri byose⁸." Ntabwo Yohana yahawe ibyo kumanura umuriro ngo ugwe hasi, cyangwa ngo ahabwe kuzura uwapfuye nk'uko byahawe umuhanuzi Eliya, nta nubwo yahawe kurambura inkoni y'ububasha ya Mose mw'izina ry'Uwiteka. Ahubwo yahawe kumenyekanisha ibyo kuza k'Umukiza no kurarikira abantu kwitegura kuza kwe. Inshingano ye yayishohoje mu budahemuka, ku buryo abibukaga ibyo yigishije kuri Yesu bashoboraga kuvuga bati: "Ibyo Yohana yavuze kuri Yesu byari iby'ukuri byose" Buri mwigishwa wese wa Yesu agomba gutanga ubuhamya bumeze butyo.

Nk'integuza ya Mesiya, Yohana "aruta umuhanuzi". Mu gihe abahanuzi bandi babonaga ukuza kwa Mesiya gushyize cyera, Yohana yahawe kumwitegereza no kumva ubuhanuzi bwe buvuye mu ijuru, bugaragaza ko ari we Mesiya no kumwerekana Abasiraeli ko ari we watumwe n'Imana. Nyamara Yesu yashoboye kuvuga ati: "nyamara umuto mu bwami bw'Imana aramuruta."

Umuhanuzi Yohana yabaye umuhuza w'amasezerano abiri. Nk'umukozi uhagarariye Imana, yazanywe no kugaragaza isano iri hagati y'amategeko n'abahanuzi ku ruhande rumwe, n'isezerano rya gikristo ku rundi ruhande. Yari umucyo muto ubanjirije umunini. Umwuka wera wari wamurikiye ubwenge bwa Yohana ngo ashobore gukwiza umucyo mu bwoko bwe; nyamara nta mucyo na

muke wigeze umurika cyangwa se uzamurikira umuntu waguye ushobora kugereranywa n'umucyo waturutse ku nyigisho n'urugero Yesu yatanze. Ibitambo byagaragaje buhoro imirimo ya Mesiya. Na Yohana ubwe ntabwo aragasobanukirwa neza n'imibereho y'ahazaza yo kudapfa, yagaragajwe n'Umukiza.

Uretse umunezero umurimo wa Yesu wazaniye Yohana, ubundi imibereho ya Yohana yari yuzuyemo imibabaro no kuba wenyine. Ijwi rye nta na rimwe ryigeze ryumvikanira ahandi hatari mu butayu. Ntabwo yigeze ahabwa kureba ingaruka y'imirimo ye. Ntiyigeze agira umwihariko wo kujyana na Kristo maze ngo yibonere imbona nkubone ukwigaragaza kw'imbaraga ikomeye y'Imana, yo yari umusaruro ukomoka ku mucyo munini. Ntabwo yashoboye kubona uko impumyi zihumuka, ngo abone aho abarwayi bakira, cyangwa ngo abone aho abapfuye bazuka. Ntabwo yashoboye kubona umucyo warabagiranaga mu ijambo rya Kristo wateraga amasezerano y'ubuhanuzi kurabagirana. Umuto cyane mu bigishwa wabonye umurimo utangaza wa Kristo kandi akumva n'amagambo ye, yari atoneshejwe cyane, kuruta Yohana umubatiza: ni yo mpamvu yavuzwe ko ashobora kuba mukuru kumuruta.

Inteko nini z'abantu bari bumvise icyigisho cya Yohana, bamumenyekanisha mu gihugu hose. Bibazanyaga ikiniga cyinshi iherezo ry'igifungo cye. Ubuzima bwe butagira ikizinga n'uko bamukundaga byabizezaga ko nta kibi azakorerwa.

Kuko Herode yabonaga ko Yohana ari umuhanuzi, byamuteye gutekereza kumufungura. Ariko kubera gutinya Herodiya ahindura umugambi we.

Herodiya abonye ko adashoboye kumvisha Herode gucira Yohana iteka ryo gupfa, hakoresheje uburyo busanzwe, akoresha uburiganya ku munsu mukuru wo kwishimira ivuka ry'umwami, hategurwa ibirori byo kwishimana n'abayobozi b'igihugu n'ibikomangoma by'i bwami. Hateganijwe ko hazabaho kuvuyarara ndetse n'ubusinzi. Bityo Herode atakaza ibitekerezo bye maze aganzwa n'ibitekerezo by'uwo mugore.

Umunsi mukuru usohoye umwami n'ibikomangoma byishimaga kandi binywa, Herodiya yohereza umukobwa we mu cyumba cy'ibirori gushimisha

abatimirwa abyina. Salome yari amaze kuba agakumi; igikundiro cye gitera abatimirwa akanyamuneza. Ntabwo byari mu mihango y'ibwami ko abagore bigaragaza mu birori; Herode baramushimagiza cyane igihe uwo mukobwa w'abatambyi n'ibikomangoma by'isiraeli, yabyinaga ngo ashimishe abatimirwa.

Umwami yari yasinze. Ibinezaneza bimutwara ubwenge. Ntiyagira ikindi abona we n'abatimirwa be, kitari ameza yuzuyeho inzoga na vino yanyobwaga nk'abayimena, ibishashi by'urumuri, n'umwana w'umukobwa wabyinaga imbere ye. Mu mudamararo w'ako kanya, Herode ashaka kwihimbaza imbere y'abakuru bo mu bwami bwe. Nicyo cyatumye asezeranisha indahiro uwo mukobwa wa Herodiya ko amuha icyo amusaba cyose naho cyaba kimwe cya kabiri cy'igihugu cye.

Salome yihutira kubaza nyina. Igisubizo cyari cyateguwe: “igihanga cya Yohana umubatiza.” Salome utari uzi inyota yo kwihorera iri mu mutima wa nyina, ashidikanya kujya kugisaba; ariko Herodiya arashega. Umukobwa agaruka imbere y'umwami afite icyifuzo giteye ubwoba ngo: “Ndashaka ko uyu mwanya umpa igihanga cya Yohana umubatiza ku mbehe⁹.”

Herode arumirwa kandi agwa mu kantu. Urusaku rw'umunezero rurahagarara, ubwihebe bufata abo bantu bari mu isindwe no kwinezeza. Umwami aterwa n'ubwoba n'igitekerezo cyo kwica Yohana. Ariko yari yamaze kurahira, nicyo cyatumye yanga kwitwa injajwa cyangwa igihubutsi. Indahiro yari yayigiriye mu cyubahiro cy'abatimirwa be, iyo umwe muri bo aza kumubwira kutita ku masezerano yagize, Herode aba yaretse umuhanuzi anezerewe. Bari bahawe umwanya wo kugira ngo barengere iyo mfungwa. Bari barakoze ingendo ndende kugira ngo bajye kumva Yohana, kandi bari bazi ko

Yohana ari umuntu w'umukiranutsi, umukozi w'Imana w'umunyakuri. Nubwo batashimishijwe n'ibyo uwo mukobwa yasabye, bari bamaze kugoryama ku buryo nta numwe washoboye kugira icyo avuga. Nta muntu n'umwe wazamuye ijwi ngo akize ubugingo bw'iyi ntumwa yoherejwe n'ijuru. Abo bagabo ni bo bari mu myanya yo hejuru yiringirwa y'ishyanga ryabo, kandi ni bo bari bafite imirimo ikomeye none bihaye umudabagiro ndetse n'isindwe kugeza naho ubwenge bwa bo bugwa ikinya. Indirimbo n'imbyino byari byabajijishije kandi bisinziriza umutimanama wabo. Kutagira icyo bavuga kwabayiteka baciriyeho umuhanuzi w'Imana kugira ngo bashimishe irari ryo kwihorera ry'umugore w'umugome.

Amaze kugerageza kwikuraho indahiro ye bikaba iby'ubusa, Herode ababaye, yemera ko umuhanuzi yicwa. Igihanga cya Yohana bidatinze kizanwa ku mbehe imbere y'umwami n'imbere y'abatumurwa be. Kuva ubwo iminwa yajyaga yihanisha Herode ngo areke imibereho ye y'icyaha yari imaze gucecekesha. Nta kundi hazongera kumvikana iryo jwi ryararikiye abantu kwihana. Iyo nkera mbi yo muri iryo joro yari imaze kwicisha umwe mu bahanuzi barusha abandi gukomera.

Ni kangahe ubugingo bw'umukiranutsi bwarenganye kubera kutirinda kw'abanzi b'ubutabera ! Umuntu ushyira iminwa mu gikombe gisindisha aba yiyemeje kwishyiraho ingaruka zose z'igikorwa cyo gukiranirwa azaryozwa; mu gusinziriza ubwenge bwe, aba yishyize mu kaga gatuma adashobora kurobanura ubwitonzi no kwitegereza neza iby'ukuri n'ibitari byo. Aba ahaye satani urwaho rwo kumukorera ngo arenganye kandi arimbure umukiranutsi. “Vino ni umukobanyi inzoga zirakubaganisha kandi ushukwa nazo ntagira ubwenge”

“Imanza zitabera zisubizwa inyuma. Uretse ibibi aba umunyage¹⁰” Abashinzwe ubugingo bwa bagenzi babo bahinduka abicanyi iyo bemeye kuyoborwa n'inzoga. Abashinzwe kubahiriza amategeko bakwiye kuyubahiriza. Bagombye kugira ukwitegeka. Bagombye kugumana imbaraga zabo zose zaba iz'umubiri iz'ubwenge n'iz'umutima kandi bagakoresha ubwenge bwabo mu rwego rwo hejuru rwo kubonera no gukiranuka.

Igihanga cya Yohana kimaze gushyikirizwa Herodiya, abyakirana umutima wa kidayimoni. Ukwihorera kwe kumwuzuzwa umunezero mwinshi, kuko yibwiraga ko guhera ubwo umutimanama wa Herode utazongera kubura amahoro. Nyamara icyaha cye nta munezero na muke cyigeze kimuzanira. Izina rye rihinduka ikivume na Herode na we arushaho kubura amahoro yibuka ibyabaye kuruta uko byamugendekeraga ku miburo yajyaga abwirwa n'uwo muhanuzi. Naho ubutumwa bwa Yohana umubatiza bwo aho kugira ngo bucecekeshe, bugenda buhererekana mu bisekuruza byose kugera ku iherezo ry'ibihe.

Arembejwe no kwibuka icyaha cye, Herode yashakishaga uko yakwiyibagiza ibirego by'umutimanama we akabibura. Icyizere yari yagiriye Yohana cyamuhoraga imbere. Nta karuhuko yagize kubera guhora yibuka imibereho ya Yohana yuje kwiyinga kimwe no kurarika kwe kwahagurukije abantu benshi n'inama ze zuzuye ubwenge, akibuka n'urupfu rwe ruteye agahinda.

Yakoraga imirimo ya Leta azengurutswe n'ibyubahiro byinshi akagerageza kumwenyura ahari ngo aboneke nk'umuntu wishimye. Nyamara kwari uguhisha umutima ushenguka agahora atinya iteka ko azagibwaho n'umuvumo.

Yohana yabwiraga Herode ko nta kintu na kimwe gihishwe imbere y'Imana. Kandi ayo magambo ye yari yarashinze imizi muri we. Yari abizi rwose ko Imana iri hose, ko yabaye umuhamba w'isindwe bagiriye mu cyumba cy'ibirori, yari yumvise itegeko ryatanzwe no guca Yohana igihanga ko yarebye uburyo Herodiya yasabwe n'ibyishimo, kandi akabona ibitutsi Herodiya yatutse uwahoraga acyaha ingeso ze mbi. Ibintu byose yajyaga yumva umuhanuzi avuga, ubu noneho yumvaga bibwira umutimanama we, byumvikana cyane kuruta igihe Yohana yigishirizaga mu butayu.

Yumvise bavuga imirimo ya Kristo, Herode ahagarika umutima cyane. Yibaza niba Imana itazuye Yohana mu bapfuye imuhaye ubutumwa bwo guciraho iteka ibyaha afite imbaraga ziruta iza mbere. Yahoranaga ubwoba bwinshi yibwira ko Yohana azahorera urupfu rwe. Herode yasariye ingaruka z'imibereho y'ibyaha nk'uko Uwiteka Imana yabivuze ngo: “Nta mahoro uzabona, ntuzabona aho uruhurira ibirenge byawe; uzashidikanya ubugingo bwawe uzahora utinya ku manywa na nijoro ntuzagira ikikwiringiza ubugingo bwawe. Buzacya uvuge uti: iyo bwira, buzagoroba uvuge uti: iyo bucya, ubitewe n'ubwoba bwo mu mutima wawe bigutinyishe nibwo amaso yawe azaba yibonera¹¹” Umunyabyaha aregwa n'ibitekerezo bye bwite, nta buribwe bubabaza kurusha inkubi y'umutimanama wacumuye, idatuza ku manywa na nijoro.

Mu maso y'abantu benshi, ibyabaye ku rupfu rwa Yohana byabaye akayobera. Bibazaga icyatumye ababarizwa muri gereza akanapfiramo. Niba ibanga ry'Imana riruhije ku buryo ijisho ry'umuntu ridashobora kuricengera, ibyo ntibyagombye kunyeganyeza ibyiringiro dufite mu Mana, gusa dukwiriye kuzirikana iri jambo rimwe: Yohana yasangiye imibabaro na Kristo, umuntu wese ushaka gukurikiza Kristo, agomba kwemera ikamba ry'imibabaro. Ntabwo azamenywa n'abuzuye inarirye; azaba intego y'ibitero bikaze bya satani ubwami bwe bugambiriye gutsembaho iri hame ryo gutamba umubiri ho igitambo; niyo mpamvu buzamurwanya aho bazahurira hose.

Kamere yo gushikama yagaragaye mu bwana, mu busore no mu bukuru bwa Yohana. Satani yatewe ubwoba kubw'umutekano w'ubwami bwe, ubwo ijwi rya Yohana ryumvikaniraga mu butayu ngo: “Nimutunganye inzira y'Uwiteka mugorore inzira ze¹²” Kamere mbi y'icyaha yagaragaye cyane ku buryo byateye abantu guhinda umushyitsi. Abantu bari barahenze mu bubata bwa Satani barabohowe. Satani akoresheje imbaraga nyinshi, yagerageje kubuza imibereho ya Yohana kwegurirwa Imana byuzuye biba iby'ubusa. Ntabwo yashoboye kunesha Yesu. Satani yaratsinzwe, ubwo yamugeragezaga mu butayu; ibyo byamuriye nk'igisebe. Noneho agerageza kubabaza Yesu yica Yohana. Yifuzaga byibura gutera agahinda uwo yari yarananiwe kugusha mu cyaha.

Yesu ntabwo yahagurukijwe no gutabara uwo mugaragu we. Yari azi ko Yohana ashobora kwihanganira ibigeragezo. Umukiza yari gusura Yohana muri gereza ye abikunze, akamumurikishiriza kumuba hafi. Ariko ntiyashoboraga kwishyira mu maboko y'abanzi be no gukoma mu nkokora umurimo we bwite. Yari gushobora gukiza umugaragu we w'indahemuka. Nyamara kubera inyungu z'ibihumbi byinshi by'abantu benshi bajyaga gufungwa bakanapfira muri gereza mu gihe kizaza, Yohana yagombaga kunywera ku gikombe cy'umubabaro. Igihe bizaba ngombwa ko abigishwa ba Kristo bazaba bababarizwa mu magereza bonyine cyangwa bakicwa n'inkota, bakanamanikwa ku biti cyangwa bagatwikwa, bisa naho baretswe n'Imana n'abantu; ni ikihe gihumuriza batakura mu gitekerezo cya Yohana umubatiza wabaye intangarugero atyo, uwo Yesu yatanzeho ubuhamya bwiza cyane.

Satani yahawe uburenganzira bwo kwambura iyo ntumwa y'Imana ubuzima bwo ku isi, ariko “Ubugingo bwari buhishanywe na Kristo mu Mana.¹³” aho umurimbuzi adashobora kubushyikira. Satani yishimiye umubabaro yateye Kristo, ariko Yohana we ntabwo yari akiri umuhigo we. N'ubundi urupfu rwari rugiyeye kumukiza by'iteka ryose imbaraga y'ibigeragezo. Muri iyo ntambara, satani yagaragaje kamere ye nyakuri. Ibyaremwe byose byari umuhamya w'urwango rwe afitiye Imana n'abantu.

Nubwo Yohana atagize ugutabarwa kw'igitangaza, nyamara ntabwo yatereranywe. Yari yanejejwe no kwibanira n'abamaraika bo mu ijuru bamwibutsaga ubuhanuzi buvuga ibya Yesu n'amasezerano y'Ibyanditswe byera.

Iyo ni yo nkunga yabonaga kandi izakomeza kuba iy'ubwoko bw'Imana uko ibihe bihaye ibindi. Yohana umubatiza yahawe ibyiringiro aribyo byaje guhabwa abamukurikiye ari byo ibi ngo: “Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugera ku mperuka y'isi¹⁴.”

Imana ntabwo iyobora abana bayo binyuranije nuko bari gusaba kuyoborwa iyo bashobora kureba iherezo bariboneye mu itangiriro, maze bagashobora gusobanukirwa n'ubwiza bw'imigambi baharanira nk'abakozi b'Imana. Yaba Enoki wimuriwe mu ijuru cyangwa Eliya wajyanywe mu igare ry'umuriro, nta numwe wabaye mukuru cyangwa se ngo yubahwe kurusha Yohana umubatizo wafiriye muri gereza. “Kuko mutahawe kwizera Kristo gusa, ahubwo mwahawe no kubabazwa ku bwe¹⁵.” Mu mpano zose ijuru ryahaye abantu, impano yo gusabana na Kristo mu mibabaro ye ni ubutunzi bw'igicro cyinshi, n'icyubahiro giheranije.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 11:1-11; Mariko 6:17-28; Luka 7:19-28.
2. 2 Ngoma 34; Nehemiya 8;9.
3. Yohana 1:29,30.
4. Luka 7:23.
5. Yesaya 61:1,2.
6. 1 Abami 19:11,12.
7. Luka 1:15.
8. Yohana 10:41.
9. Mariko 6:25.
10. Imigani 20:1; Yesaya 59:14,15.
11. Gutegeka kwa kabiri 28:65-67.
12. Matayo 3:3.
13. Abakolosayi 3:3.
14. Matayo 28:20.
15. Abafilipi 1:29.

*** **

23. UBWAMI BW'IMANA BURI HAFI



Yesu ajya i Galilaya yigisha ubutumwa bwiza bw'ubwami bw'Imana, aravuga ati: “Igihe kirasohoye, ubwami bw'Imana buri hafi. Nuko mwihane, mwemere ubutumwa bwiza¹.” Ukuza kwa Mesiya kwari kwarabanje gutangazwa i Yudaya. Ukuvuka kw'integuza ye, kwari kwarahanuriwe Zekariya, igihe yakoraga umurimo wo gutamba ibitambo ari mu rusengero imbere y'icyotero cy'imibavu. Abamaraika bari baratangaje ukuvuka kwa Yesu ku misozi y'i Betelehemu. I Yerusalemu, abanyabwenge bari baraje kumureba. Simiyoni na Ana bari mu rusengero bari barahamije ubumana bwe i Yerusalemu. I Yerusalemu no mu Yudaya hose bumvise ibyigisho bya Yohana Umubatiza, kandi intumwa z'inama nkuru y'Abayuda, hamwe n'inteko y'abantu bari bumvise ubuhamya bwa Yohana Umubatiza ahamya Yesu.

Mu gice cy'i Yudaya ni ho Yesu yatoreye abigishwa ba mbere. Aho ni ho Yesu yakoreye igice cya mbere cy'umurimo we. Ubumana bwe bwari bwaragaragariye mu kweza urusengero, n'ibitangaza byo gukiza n'ibyigisho by'ukuri kw'Imana byaturukaga mu kanwa ke: ibyo byose byemezaga ibyo Yesu yari yaravugiyeye imbere y'inama nkuru y'abayuda amaze gukiza umuntu ku kidendezi cy'i Betesida: isano ye y'ubumana.

Iyo Kristo aza kwakirwa n'abayobozi b'ubwoko bwa Isiraeli, aba yarabahaye icyubahiro cyo kuba intumwa ze zo kujyana ubutumwa mu isi yose.

Amahirwe ya mbere ni bo yari yahawe ngo babe abavugizi b'ubuntu bw'ubwami bw'Imana. Nyamara abisiraeli ntibamenya umunsi bagenderewemo. Nuko ishyari n'agasuzuguro k'abayobozi b'abayuda bihindukamo urwango rudacika, maze imitima yabo bayivana kuri Yesu.

Nuko Inama nkuru y'Abayuda imaze kwanga ubutumwa bwa Kristo, ishaka uburyo bwo kumwica; nicyo cyatumye Yesu ava i Yerusalemu, akajya kure

y'abatambyi n'urusengero; kure y'abayobozi b'idini n'abari barigishijwe amategeko, ahindukirira ikindi cyiciro cy'abamwumvaga ngo ababwire ubutumwa bwe, no gutora bamwe muri bo bazajyana ubutumwa bwiza mu mahanga.

Kandi nk'uko uwari umucyo n'ubugingo by'abantu yanzwe n'abatware b'idini mu gihe cya Kristo, ni nako yagiye yangwa uko ibihe byakurikiranye. Inshuro nyinshi Kristo yajyaga yiyufura nk'uko yabigenjeje i Yudaya. Igihe abagorozi bavugaga Ijambo ry'Imana ntibari bigeze na rimwe batekereza ibyo kwitandukanya n'amadini yari ariho, ariko abayobozi b'idini, ntibashaka kugira icyo bamenya ku mucyo ku buryo ababaga bawuzanye, bahindukiriraga abafite inyota yo kumenya ukuri. Abavuga ko bagera ikirenge mu cy'abagorozi, buzuye umwuka nk'uwari ubarimo, ni mbarwa mu bantu bo muri iki gihe. Abantu bake cyane niba bumva ijwi ry'Imana kandi bakaba biteguye kwakira ukuri aho kwaturuka hose. Abagera ikirenge mu cy'abagorozi bumva bahatiwe kureka amatorero yabo bakundaga kugira ngo babone uko bigisha mu mudendezo ukuri kuzuye kw'Ijambo ry'Imana. Haba ubwo kenshi abashaka ukuri bumva bahatwa n'iyonyigisho ngo bareke amatorero y'ababyeyi babo kugira ngo bakurikize imyizerere yabo mishya.

Abaturage b'i Galilaya bakerenswaga n'abigishamategeko b'i Yerusalemu kuko babonaga ari abaturage b'insuzugurwa b'injiji, ni bo bahaye Umukiza ahantu heza ho gukorera umurimo. Barushaga abandi kugira ishyamba kandi ari abanyakuri bari abakiranutsi kandi ubwenge bwabo bwakingukiye kumvira ukuri. Mu kujya i Galilaya, Yesu ntiyashakaga kwitandukanya n'abandi cyangwa kwiherera. Ako karere niko kari gatuwe cyane, kandi abaturage baho bari bavanze n'abanyamahanga kuruta uko byari bimeze i Yudaya.

Nuko mu gihe Yesu yanyuraga i Galilaya yarigishaga kandi agakiza abantu, benshi bavaga mu midugudu n'ibikorero bihereranye na ho, bakaza aho ari. Hariho n'abavaga i Yudaya no mu karere kahakikije. Rimwe na rimwe Yesu yumvaga ari ngombwa kwiyufura iyo nteko nini. Urusaku rw'ibyishimo rwari rwinshi ku buryo byabaga ngombwa gufata ingamba yirinda ko abategeka b'abaroma bakeka ko ari imyivumbagatanyo. Isi ntabwo yari yarigeze igira igihe nk'icyo. Ijuru ryari ryegereye isi. Imitima yari imaze igihe itegereje gucungurwa kwa Isirayeli, kandi

yagiriraga inzara n'inyota gukiranuka, yanejejwe n'ubuntu bw'Umucunguzi ugira imbabazi.

Ikibwirizwa cya Kristo, cyari gikubiye muri aya magambo ngo: “Igihe kirasohoye, ubwami bw’Imana buri hafi. Nuko mwihane mwemere ubutumwa bwiza.” Inkuru y’ubutumwa bwiza bwatanze n’Umukiza yari ifite urufatiro rwayo ku buhanuzi. Igihe Umukiza yavugaga ko gisohoye, ni cyo Danieli yabwiye na malaika Gabrieli ubwo yagiraga ati : “Ibyumweru 70 bitegekewe ubwoko bwawe n’umurwa wera kugira ngo ibicumuro bicibwe n’ibyaha bishire, gukiranirwa gutangirwe impongano haze gukiranuka kw’iteka. Ibyerekanywe n’ibyahamwe bifatanishwe ikimenyetso, ahera cyane hasigwe amavuta².”

Umunsi wa gihanuzi uhwanywe n’umwaka³.” Ibyumweru 70 cyangwa iminsi 490 byerekana imyaka 490. Intangiriro y’icyo gihe yerekanywe itya ngo : “Nuko ubimenye ubyitegereze ko uhaye igihe bazategereza kubaka i Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya umutware hazabaho ibyumweru 7, maze habeho ibindi byumweru 62⁴,” ari byo bihanywe n’ibyumweru 69 by’imyaka 483. Itegeko ryo gusana Yerusalemu ryasohojwe na Artazerusi⁵ kandi arishyira mu bikorwa mu mwaka wa 457 M.K. Guhera kuri uwo mwaka, imyaka 483 itugeza mu mwaka wa 27 A.D. ukurikije ubwo buhanuzi, icyo gihe kigera kuri Mesiya, Uwasizwe. Igihe Yesu yabatizwaga muri 27 N.K ku muhindo nibwo Yesu yabatizwaga n’Umwuka wera. Bityo atangira umurimo we.

Ubwo nibwo imvugo y’ubutumwa yasohoye ngo : “Igihe kirasohoye.”

Maraika yari yaravuze ati : “Uwo mutware azasezerana na benshi isezerano rimare icyumweru kimwe” cyangwa imyaka irindwi.” Iyo myaka irindwi irangira ubwo Kristo yari atangije umurimo wo kubwiriza ubutumwa, uko kubwiriza wari umwihariko w’abayuda; Yesu ubwe abikora imyaka 3 ½ hanyuma bikorwa n’intumwa ze.

“Icyumweru nikigera hagati, azabuzanya ibitambo n’amaturu⁶.” Mu rugaryi rw’umwaka 31 N.K. Kristo yitambyeho igitambo cy’ukuri i Karuvali. Icyo gihe inyegamo yo mu rusengero yatabutsemo kabiri; ibyo byerekana ko umurimo w’ibitambo wari utaye agaciro kawo ko kwera n’ubusobanuro bwawo. Igihe cyari kigeze ngo ibitambo n’amaturu bikurweho.

Icyumweru giheruka aricyo myaka 7 cyarangiyeye muri 34 N.K. Uguterwa amabuye kwa Sitefano niko kwabayeye ikimenyetso ku bayuda banze ubutumwa bwiza. “Nuko abigishwa batotejwe n’akarengane bajya hose bamamaza ijambor’Imana⁷.” Kandi bidatinze Sawuli wabarenganyaga yari agiye kwihana akaba Pawulo intumwa ku banyamahanga.

Igihe cyo kuza kwa Kristo, gusigwa n’Umwuka wera kwe, urupfu rwe no kubwirwa ubutumwa kw’abanyamahanga byari byarasobanuwe neza. Ishyanga ry’abayuda ryari ryaragize amahirwe yo kumenya ubwo buhanuzi no kubona neza uburyo busohozwa mu murimo wa Kristo. Yesu yihanangirije abigishwa be kwiga ubuhanuzi; yarababwiye ati : “Ubisoma abyitondere⁸” Nyuma yo kuzuka kwe asobanurira abigishwa be “mu byanditswe byose, ibyanditswe kuri we⁹. Umukiza yavugiraga mu buhanuzi bose. “Umwuka wa Kristo wari muri bo, agahamya imibabaro ya Kristo itari yaba, n’ubwiza bw’uburyo bwinshi bwari bugiye kuyiheruka¹⁰.”

Maraika Gabrieli ufite umwanya wa mbere nyuma ya Kristo Umwana w’Imana, ni we wazaniye Danieli ubutumwa buvuye mu ijuru. Ni nawe kandi “malaika we,” uwo Kristo yatumye kuri Yohana ukundwa, kugira ngo amuhishurire iby’ahazaza, n’imigisha yasezeraniwe abasoma amagambo y’ubuhanuzi n’abayumva bakitondera ibivugwa muri bwo¹¹.

“Umwami Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b’abahanuzi ibihishwe byayo.” “Ibihishwe ni iby’Uwiteka Imana yacu, naho ibyahishuwe ni ibyacu n’urubyarwacu¹².” Ibyo bintu Imana yarabitugabiye kandi imigisha izabonwa n’abiga neza ibyanditswe by’ubuhanuzi bakabikora basenga.

Kandi nk’uko ubutumwa bwiza bwatangazaga ukuza kwa Mesiya, bwavugaga ubwami bw’ubuntu bwe, ubutumwa bwerekeye kugaruka kwe buvuga ubwami bw’icyubahiro cye. Ubwo butumwa bwa kabiri kimwe n’ubwa mbere bushingiye ku buhanuzi. Amagambo Danieli yari yarabwiye na maraika, avuga iby’iminsi y’imperuka yajyaga kumvikana mu minsi y’imperuka. “Kandi muri icyo minsi abantu benshi baziga amagambo yo mu gitabo cya Danieli kandi ubwenge buzagwirira.” “Ariko ababi bazakomeza kuba babi, kandi nta n’umwe wo muri bo

uzayamenya, ariko abanyabwenge bazayamenya¹³.” Umukiza ubwe yerekanye ibimenyetso byo kuza kwe agira ati : “Nuko nimubona ibyo bibaye, muzamenye ko ubwami bw’Imana buri hafi.” “Ariko mwirinde imitima yanyu ye kuremererwa n’ivutu no gusinda n’amaganya y’iy’isi, uwo muni ukazabatungura, kuko uzatungura abantu bose umeze nk’umutego. Nuko rero mujye muba maso, musenge iminsi yose kugira ngo mubone kurokoka ibyo byose byenda kubaho no guhagarara imbere y’Umwana w’umuntu¹⁴.”

Igihe cyavuzwe n’ubwo buhanuzi cyarageze. Igihe cy’imperuka kiraje, ibyerekanywe n’abahanuzi ntabwo bigifatanijwe ikimenyetso kandi imiburo yabo itwihanangiriza irerekana ko kugaruka k’Umwami wacu mu bwiza bwe bwose kutwegereye cyane.

Kubera ko abayuda basobanuye kandi bagakurikiza nabi Ijambo ry’Imana, ntibamenye igihe cyabo cyo kugendererwamo. Imyaka y’ubutumwa bwa Kristo n’intumwa ze, iyo myaka y’igiciro cyinshi y’ubuntu yahawe ishyanga ryatoranijwe yarangiye bari mu igambana kugira ngo batsembeho intumwa z’Umukiza. Impano y’ubwami bw’umwuka yababereye imfabusa kuko basanzwe bahugijwe n’irari ry’iby’isi. Niko no muri iki gihe ubwami bw’isi butwara ibitekerezo by’abantu maze bikababuzwa kubona ugusohora vuba k’ubuhanuzi n’ibimenyetso byo kwegereza k’ubwami bw’Imana.


“Ariko mwebwe ho bene data, ntimuri mu mwijima, ngo uwo muni ubatungure nk’umujura. Kuko mwese muri abana b’umucyo n’abana b’amanywa, ntituri ab’ijoro cyangwa ab’umwijima.” Nubwo tudakwiriye gushishikazwa n’isaha Yesu azaziraho, dushobora kumenya ko ari bugufi. “Nuko rero twe gusinzira nka ba bandi, ahubwo tube maso twirinde ibisindisha¹⁵.”

1. Mariko 1:14,15.
2. Daniel 9:24.
3. Reba Kubara 14:34; Ezeikieli 4:6.
4. Danieli 9:25.
5. Ezira 6 :14 ; 7 :1,9.
6. Danieli 9 :27.
7. Ibyakozwe n’intumwa 8 :4.
8. Matayo 24 :15.
9. Luka 24 :27.

10. 1 Petero 1 :11.
11. Ibyahishuwe 1:3.
12. Amosi 3:7; Gutegeka kwa kabiri 29:29.
13. Danieli 12:4,10.
14. Luka 21:31,34,36. 15. 1 Abatesalonike 5:4-6.

***** *** *****

24. MBESE SI UMWANA W'UMUBAJI ?



Ibihe byiza by'umurimo wa Kristo i Galilaya, byijimishijwe no kutizera kw'abaturage b'i Nazareti. Baravuga bati : «Mbese harya si wa mwana w'umubaji?»¹ » Mu bwana bwe ndetse no mu busore bwe, Yesu n'abavandimwe be bajyaga basengera mu isinagogi y'i Nazareti. Ntiyabonetseyo kuva yatangira umurimo we, ariko ntibaburaga kumenya ibyamubayeho. Ubwuzu no kumutegereza biriyongera cyane igihe yari ageze mu mudugudu w'iwabo. Yongera guhura n'abantu yari amenyereye, yari asanzwe azi guhera mu bwana bwe. Nyina na bene se ndetse na bashiki be bari bari aho ; yinjiye mu isinagogi ku munsu w'isabato bose bamuhanga amaso, aragenda yicarana n'abasenga.

Umurimo umenyereye wari uw'uko umukuru w'itorero ari we usoma isomo ryo mu byanditswe n'abahanuzi, maze agahugurira abamwumva kongera gutegereza ugomba kuza agashyiraho ingoma y'icyubahiro kandi agaca iby'agahato. Yateraga umwete abamwumva kwibuka impamvu kuza kwa Mesiya kwegereje. Yabasobanuriraga icyubahiro cyo kuza kwe, agashimikira rwose ko azaza afite umutwe munini w'ingabo, acungure abisiraeli.

Iyo umwigishamategako yabaga ari mu isinagogi, byabaga ari ibye kwigisha ; kandi buri mwisiraeli wese yabaga yemerewe gusoma isomo ryo mu buhanuzi. Kuri iyo sabato Yesu aba ariwe usabwa gukora uwo umurimo. « Arahagarara ngo asome, bamuha igitabo cy'umuhanuzi Yesaya ». Asoma isomo ryavugaga ibya Mesiya ngo :

« Umwuka w'Uwiteka ari muri njye, nicyo cyatumye ansigira kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza. Yantumye kumenyesha impumyi ko zihumuka, no kubohora ibisenzege, no kumenyesha abantu iby'umwuka Umwami agiriyemo imbabazi². »

« Amaze kubumba igitabo, agisubiza umurinzi w'inzu, aricara. » Amaso y'abari bari mu isinagogi, bari bayahanze kuri Yesu. « Bose baramushima batangazwa n'amagambo avuye mu kanwa ke. »

Yesu, ahagarara imbere y'abamwumva nk'umuntu ushobora gusobanura ubuhanuzi bumwerekeye. Asobanura amagambo yari amaze gusoma, yerekana ko Mesiya agomba guhumuriza abababaye, akabohora imbohe, agakiza abarwayi, agahumura impumyi kandi akazanira umucyo w'ukuri abari mu isi. Uburyo yavuganaga ubutware n'uburyo amagambo ye yari atangaje, byagaragaje imbaraga batari barigeze kumenya kugeza icyo gihe. Umuriri w'imbaraga uvuye mu ijuru wavanyeho inzitizi zose nk'uko byagendekeye Mose, nabo bitegereje Itabonwa n'amaso. Imitima ikangurwa n'Umwuka wera, bikiranya bagira bati: Amen! Maze bahimbaza Uwiteka.

Ariko Yesu avuze ati : “Uyu muni ibyo byanditswe bisohoye mu matwi yanyu.” Nuko batangira kwibaza ku mibereho bafite n'ayo magambo amaze kubabwira. Bo nk'abana b'Abisirayeli, urubyarw'Aburahamu bari baragizwe imbata. Yari yavuganye nabo nk'ubwira imbohe zikeneye kubaturwa mu bubata bw'umubi, nk'abantu baba mu mwijima, bakaba bakeneye umucyo w'ukuri. Bumvis ko ishema rya bo aribanyaze batangira kugira amakenga. Amagambo ya Yesu atuma batangira gutekereza ko yifuza gukorera muri bo umurimo unyuranye cyane n'ibyo bifuzaga. Bumva ko imyifatire yabo igiye gusuzumirwa bugufi. Nubwo bitaga cyane ku mihango igaragarira amaso, batinyaga cyane ko yabagenzurisha amaso ye acengera.

Barabazanya bati : Ariko Yesu uyu ni nde? Uwihaga icyubahiro cya Mesiya, nta undi ni umuhungu wa Yosefu w'umubaji, kandi bari bafataniye umwuga. Bajyaga bamubona agenda ku musozi w'iwabo, bari bazi imibereho ye, ibikorwa bye, abavandimwe be, ndetse na bashiki be. Bari baramubonye akura kuva mu bwana, ubusore bwe, kugeza abaye mukuru. Ni iby'ukuri rwose ko mu mibereho ye yose yari umuziranenge, ariko ntibashaka kwemera ko ari we wari warasezeranywe.

Mbega itandukaniro ryari hagati y'ibyo yigishaga ku bwami bushya n'ibyavuzwe n'umukuru w'itorero ryabo! Ntabwo yabasezeranije kubagobotora mu ngoma y'abaroma. Ubwo bumvaga bavuga ibitangaza bye, bari biringiye ko azabarwanirira; ariko ibyo bari babonye nta kimenyetso cyagaragaye muri we ko azabagenzereza nk'uko bibwira.

Imitima yabo imaze kugururira ugushidikanya, barushaho kuyinangira kurusha uko bari bayoroheje mu kanya gashize. Satani ntiyashakaga ko uwo muni impumyi zihumuka, ngo imitima yaheze mu bubata ibe yabona umudendezo. Akoresha imbaraga ze zose ngo ababohere mu gushidikanya no mu kutizera. Igitekerezo bari babanje kugira cy'uko Umucunguzi ari we wababwiraga, bidatinze kirayoyoka.

Yesu abaha ikimenyetso cy'ubumana bwe ubwo yahishuraga ibihishwe byo mu mitima yabo bibwiraga. Arababwira ati : Nzi ko muzanshira uyu mugani ngo :“Muvuzi wivure.”. Ibyo twumvise ko wakoze i Kaperinaumu bikore n'ino mu mudugudu wanyu. Arababwira ati : « Ndababwira ukuri ko ari nta muhanuzi wemerwa iwabo. Ariko ndababwira ukuri yuko hariho abapfakazi benshi mu Isiraeli mu gihe cya Eliya, ubwo inzara ikomeye yateraga mu gihugu hose; nyamara Eliya ntiyatumwe kuri umwe wo muri bo, ahubwo atumwa ku mugore w'umupfakazi w'i Serefati mu gihugu cy'i Sidoni. Kandi hariho ababembe benshi mu Bisiraeli mu gihe cy'umuhanuzi Elisa, nyamara ntihakizwa n'umwe muri bo keretse Namani w'Umusiriya.»

Ibyo bitekerezo byavanywe mu mibereho y'abahanuzi ni byo byabaye igisubizo ku bibazo Yesu yabajijwe n'abamwumvaga. Abakozi b'Imana bahamagariwe gukora umurimo udasanze, ntibahawe uburenganzira bwo kujya gukorera mu bantu bafite imitima inangiwe kandi itizera. Imitima yumvira yonyine kandi yugururiye ukwizera ni yo yahawe amahirwe yo kwerekwa imbaraga yavaga ku bahanuzi. Mu gihe cya Eliya, abisiraeli bari baragiye kure y'Imana. Kubera kwinangirira mu byaha byabo, byatumye banga imiburo Umwuka wera yabagezagaho akoresheje intumwa z'Imana. Kuri ubwo buryo baba bizibiye imiyoboro imigisha y'Imana yajyaga kunyuramo ngo ibagereho. Nuko kubw'ibyo, Uwitete anyura ku mahema y'abisiraeli adahagaze, maze ashakira umugaragu we ubuhungiro mu gihugu cy'abapagani, ku mugore utari uwo mu bwoko bwatoranijwe. Uwo mugore yigirira amahirwe kuko yakoresheje umucyo muto yari

yarahawe; maze umutima we ukomeza kugururira umucyo munini Imana yari imwoherereje ibinyujije mu muhanuzi wayo.

Kubera impamvu nk'izo no mu gihe cya Elisa nabwo ababembe b'abisiraeli ntabwo bitaweho, ahubwo amahirwe yisangira Namani, iyo mfura y'umupagani, kuko yizeraga amahame yari azi, akumva ubukene yari afite. Bigaragaye ko yari yiteguye kwakira ibyiza bizanwa n'ubuntu bw'Imana, ntiyakize ibibembe gusa, ahubwo agira n'umugisha wo kumenya Imana y'ukuri.

Uko turebwa imbere y'Imana ntibiterwa n'umucyo twahawe, ahubwo biterwa n'uko twukoresha. Nuko rero abapagani bakora ibyo gukiranuka bakurikije urugero bashobora kumenya, baruta abantu bafite umucyo mwinshi, bigisha ko bakorera Imana ariko bagakerensa umucyo, bakagira imyifatire inyuranye n'ibyo kwizera kwabo kwigisha.

Amagambo ya Yesu, yavugiwe mu isinagogi yaranduranye n'imizi kwibaraho gukiranuka kw'abamwumvaga; maze acengeza mu mitima yabo uku kuri gusharira : bagiye kure y'Imana, bituma bamburwa uburenganzira bwo kuba ubwoko bwayo. Uko kuri gukeba kwagaragazaga uko bateye. Nicyo cyatumye barahinduye ibitwenge kwizera yari atangiye kubateramo. Uyu muntu wari ukomotse mu gikene kandi aciye bugufi, kuri bo yakomezaga kubabera umuntu usanzwe.

Kutizera kwabahinduye abagome. Kubera kugengwa na satani, basakuriye Umukiza wabo buzuye ubukana bwinshi. Bari bateye umugongo uwari wazanywe no kubakiza no kubagaruramo ubuyanja; maze guhera ubwo batangira kugaragaza imico y'umurimbuzi.

Igihe Yesu yibutsaga ibyiza byagiriwe abapagani, ubwibone bw'ishyanga ry'abamwumvaga burabashengura; amagambo yari ari mu kuvuga arengwa n'urusaku rwinshi. Abo bantu birataga ko bakomeza amategeko, bari biteguye gukora igikorwa cy'ubwicanyi, kuko bibwiraga ko abatutse. Iteraniro rirahagarara, basumira Yesu bamwirukana mu rusengero baramushushubikanya, ndetse bamukura no mu murwa. Buri wese yashakaga ubugingo bwe.

Bamusunikira hafi y'imanga kugira ngo bamuhirike. Bari buzuye umwuka w'ubwicanyi nk'abavumwe. Bafata amabuye ngo bayamutere, ariko mu kanya gato baramubura. Intumwa ziturutse mu ijuru zahoze ziri kumwe nawe mu rusengero, nizo zamwambuye iyo nteko yashegaga y'abanzi be, maze bamujyana ahantu hikinze.

Abamaraika ni bo barinze Loti, maze bamuvana i Sodomu, bamujyana ahantu hikinze kure yayo. Uko ni nako Elisa yarindiwe mu mudugudu mutoya wo mu misozi. Igihe imisozi ihakikije yari igoswe n'amagare n'amafarashi byoherejwe n'umwami w'i Siriya, Elisa yiboneye ingabo z'Imana zari zigose imisozi ikikije aho; nuko amafarashi n'amagare yaka umuriro akikiza uwo mugaragu w'Imana.

Uko niko mu bihe byose abamarayika bagiye baba hafi y'abigishwa ba Kristo b'indahemuka. Ingabo zitabarika z'umwanzi zihora zitugatugiye kurwanya umuntu wese wifuza kunesha; ariko Kristo ashaka ko duhanga amaso ibitagaragara ngo tubone ingabo zo mu ijuru zigota abakunda Imana ngo zibakize. Ni ibyago bingana iki bigaragara cyangwa bitaboneshwa amaso twarinzwe kubera ubutabazi bw'abamarayika; ibyo tuzabimenya igihe umucyo w'iteka uzatwemerera kwitegereza inzira zitangaje z'Imana. Ubwo nibwo tuzatangara tubonye uburyo umuryango w'ijuru witaga ku muryango w'isi n'ibiwubamo byose n'uburyo intumwa zivuye ku ntebe y'Imana zazaga kuduherekeza buri muni intambwe ku ntambwe.

Igihe Yesu yasomeraga mu isinagogi umurongo wo mu buhanuzi, yasize ijamba riheruka ryavugaga umurimo wa Mesiya. Amaze gusoma amagambo avuga ngo : «No kumenyesha abantu iby'umwaka Umwami agiriyemo imbabazi.» Asiga iyi nteruro ngo : «N'umunsi Imana yacu izahoreramo inzigo².» Aya magambo nayo yari ukuri kimwe n'ayayabanjirije, kandi kuba Yesu atarayavuze ntibiyabuza kuba ukuri. Ariko iyi nteruro iheruka ni yo rwose abo yabwiraga bakundaga kwitaho; maze akaba ari yo bifuzaga ko yasohora. Bavugaga iby'urubanza rw'Imana ku bapagani batabona ko ibyaha byabo ari byinshi cyane kubarusha. Bari bakeneye cyane imbabazi z'Imana izo bumvaga ko zitahabwa abapagani. Nuko rero kuri uwo muni, kuko Yesu yari hagati muri bo mu isinagogi, bari bahawe akanya ko kwakira ukuririka kuvuye mu ijuru. «Uwishimira kugira imbabazi³,» nta kindi yasabaga uretse kubakiza kurimbuka, ibyaha byabo byari bigiye kubakururira.

Ntabwo yifuzaga kubasiga atabagejejeho ukurarika guheruka, ngo bihane. Agaruka mu muryango we yavukiyemo ari hafi gusozza umurimo yakoreye i Galilaya. Kuva igihe bahamwirukanaga, ukwigisha kwe n'ibitangaza yakoraga nibwo byarushijeho gukwira mu gihugu hose. Nta muntu n'umwe washoboraga guhakana imbaraga irenze iya kimuntu yakoresheje. Abaturage b'i Nazareti bari bazi neza ko aya ahantu aya ahandi akora ibyiza, akiza abo satani atwaza igitugu. Bugufi bwaho, hari ibirorero byinshi, nta nzu n'imwe wabona itarimo umurwayi utaka; Yesu yarahanyuraga maze agakiza abarwayi bose. Impuhwe zarangaga buri gikorwa cyo cyose zahamye ko yasizwe n'Imana.

Na none abanyanazareti bakabakabwa n'Umwuka wera bumvise amagambo ya Yesu. Ubwo nabwo ntibashoboraga kwemera ko umuntu wakuriye muri bo yaba abaruta. Bibukana uburibwe bwinshi ko nubwo yiha amasezerano ya Mesiya yabangiye gufata umwanya mu Isiraili; abagaragariza ko batarusha abanyamahanga kuba abatoni b'Imana, baba abagabo cyangwa se abagore. Nicyo cyabateye kubazanya bati : «Ubu bwenge n'ibi bitangaza yabikuye he?» banga kumwakira ko ari Kristo w'Imana. Kutizera kwa bo niko kwatumye adakorera muri bo ibitangaza byinshi. Imitima yugururiwe kwakira ubuntu bwe ntiyari myinshi, ni cyo cyatumye yarajyanye agahinda maze abavamo by'iteka ryose.

Kutizera kumaze kwinjira mu baturage b'i Nazareti, kubahindura imbata. Uko niko byagendekeye inama nkuru y'abayuda, ndetse n'ishyamba ryose. Kuba baramaganye bwa mbere ukwigaragaza k'Umwuka wera, byabaye ku batambyi ndetse no kuri rubanda itangiriro ryo kurimbuka kwabo. Kugira ngo bagaragaze ko kumurwanya kwabo gufite ishingiro, bakomeje gukoma mu nkokora amagambo ya Kristo. Kurwanya Umwuka wera kwabo, iherezo ryabaye umusaraba w'i Karuvali no gusenye k'umuji wabo, maze ishyamba ryabo ritatanyirizwa mu mahanga yose y'isi.

Mbega ukuntu Kristo yifuzaga kugururira ubwoko bw'abisiraeli ubutunze bw'ukuri bw'igiciro cyinshi! Ariko kubera ubuhumyi bwabo mu by'umwuka, ntabwo bashoboye gutekereza ko kwari ukubamenyesha ukuri kwerekeye iby'ubwami bw'Imana. Nuko bakomeza kwihambira ku myizerere yabo, ndetse n'imigenzo yabo itagize icyo imaze; mu gihe ukuri kw'ijuru kwari gutegereje ko

bakwakira. Ifeza zabo bazitanze bagura umurama w'ibidahaza mu gihe birengagizaga umutsima w'ubugingo kandi wari ubari hafi. Kuki batigaga Ijambo ry'Imana ku buryo bwimbitse ngo barebe niba batari mu ikosa? Ibyerekeye umurimo wa Kristo byose byari byaragaragajwe neza mu Isezerano rya kera; kandi na Yesu ubwe ntiyahwemye kuvuga abahanuzi, agira ati: «Uyu muni ibyo byahanuwe bisohoye mu matwi yanyu.» Iyo baza kugenzura mu byanditswe byera bitonze, n'inyigisho zabo bakazigenzurisha Ijambo ry'Imana, Yesu ntiyajyaga kurizwa n'uko banze kwihana? Ntiyajyaga kuza kuvuga hanyuma ati : «Dore inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka⁴.» Imico ye nka Mesiya yari kwinjira mu ntekerezo zabo, ibyago biteye ubwoba byashenye umujyi wabo w'ubwibone byari gukumirwa. Ishyaka ryabo ripfuye ryatumye imitima y'abayuda isigingira. Ibyigisho bya Kristo byashyiraga amakosa yo mu mico yabo ahabona maze bikabingingira kwihana. Iyo baza kwemera ibyigisho bye, byari kubasaba guhindura imyifatire, bakareka ibyiringiro bahozaga ku mutima. Kugira ngo bemerewe icyubahiro cy'ijuru, byari ngombwa ko batera umugongo icyubahiro cy'abantu. Kumvira amagambo y'uwo Mwigisha mushya byari ukurwanya ibitekerezo by'abahanga no kwanga ibyigisho by'abanyabwenge bo mu gihe cyabo.

Ukuri kwari ingume mu gihe cya Kristo no muri iyi minsi niko biri. Kwatangiye kuba ingume, ubwo satani yari atangiye kukwangisha abantu, maze akabaha imigani ihuje n'irari ryabo. Mbese muri iki gihe cya none, ntiduhanganye n'amahame y'inyigisho, zidafite urufatiro muri Bibliya? Babyihambiraho cyane nk'uko abayuda bo mu gihe cya Yesu bihambiraga ku migenzo yabo.

Abayobozi b'abayuda bari buzuye ubwibone mu by'umwuka. Bishakiraga icyubahiro cyabo bwite. Ndetse no mu mirimo bakoreraga mu buturo bwera. Bishakiraga imyanya y'imbere mu masinagogi. Bakundaga kuramukirizwa mu maguriro kandi bakanezewa nuko barondoye amazina yabo y'ibyubahiro. Uko kubonera kwagendaga gukendera niko barushagaho kugira umwete mwinshi barwanira ishyaka imihango n'imigenzo.

Ntabwo bashoboye guhuza imbaraga yemeza y'amagambo ya Kristo no kwicisha bugufi kwe; kuko ubwenge bwabo bwari bwarijishijwe cyane n'ibyo bibwira by'ubwibone. Ntabwo basobanukirwaga ko icyubahiro nyakuri atari ikigaragarira inyuma. Ubukene bwa Yesu kwasaga n'ubuvuguruzwa kuba yaba ari Mesiya. Baribwiraga bati : «Niba ari cyo aduhamiriza ko ari cyo kuki ari umuntu

wicisha bugufi cyane? Niba yanga gukoresha imbaraga z'igitugu ishyanga ryabo rizamera rite? Amahanga azumvira ate umurwa w'abayuda ku buryo bazagira imbaraga na cya cyubahiro bategereje? Mbese abatambyi ntibigishaga ko Isiraeli iziganzura isi yose? Mbese abahanga b'abanyabwenge nkabo bashobora kwibeshya?»

Kuba Yesu atari afite icyubahiro kigaragarira amaso, ntibihagije gusobanura impamvu abayuda bamwanze. Yarangwaga no kwera, naho bo bari banduye. Imibereho ye mu bantu yarangwaga no gutungana, kutagira ikizinga. Imibereho ye izira amakemwa yamurikiraga imitima yabo; ubudahemuka bwe bugashyira ahagaragara ubuhemu bwabo. Yerekanaga ugukiranuka kwabo gupfuye, kandi akagaragaza imico yabo mibi y'ibyaha. Umucyo umeze utyo ntiwashoboraga kubanezeza.

Iyo Kristo aza kwita ku myifatire y'abafarisayo, iyo aza kurata ubwenge bwabo no kwera kwabo, baba baramwakiranye umunezero. Ariko igihe yagaragazaga ubwami bw'ijuru nk'impano y'imbabazi yageneye abantu bose, idini imeze ityo bumva badashobora kuyihanganira. Imyifatire yabo n'inyigisho zabo ntabwo byigeze bikundisha abantu umurimo w'Imana. Nuko ubwo babonaga Yesu yitaye ku bo bangaga, kandi basuzuguraga, bashengurwa n'intimba yabaga mu mitima yabo yibona. Nubwo birataga ko Intare ya Yuda⁵ izatuma Isiraeli ijya ku isonga y'andi mahanga yose, bahisemo kwigumira mu byo bizera bipfuye, aho kwihanganira gucyaga kwa Yesu agaragaza ibyaha byabo; batitaye ko kuba Kristo ari muri bo bibaciraho iteka kubera kubonera kwe.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 13:54,55; Luka 4:16-30.
2. Yesaya 61:1,2.
3. Mika 7:18.
4. Luka 13:35. 5. Ibyahishuwe 5:5.

*** **

25. GUHAMAGARWA KW'INTUMWA



Izuba ryari rirashe ku nyanja y'i Galilaya. Abigishwa, kubera umunaniro wo kurara ijoro ntacyo bafashe, bari biyicariye mu mato yabo. Yesu yari yaje bugufi bw'inkombe muri uwo museso kuko yibwiraga ko yabona aho aruhukira, hatari inteko y'abantu ihora imukikije. Ariko

bidatinze abantu benshi bongera kumukikiza impande zose. Abigishwa bari begereye inkombe. Yesu ashatse kwitarura iyo nteko, yinjira mu bwato bw'uwitwa Petero, maze amubwira kwigira mu mazi ho gato. Bityo ashobora kubonwa n'abantu benshi kandi banamwumva, nuko Yesu yicaye mu bwato atangira kwigisha abantu bari ku nkombe¹.

Mbega ukuntu byabereye abamarayika igitangaza: Umutware wabo w'icyubahiro yari yicaye mu bwato bw'abarobyi, azunguzwa n'umuvumba udatuza, ashishikajwe no kwigisha ubutumwa bwiza bw'agakiza ku nteko y'abantu bari bateraniye ku nkombe. Uwo ijuru ryubahaga yari arimo yigisha abantu basanzwe, yibereye ku gasozi. Yabigishaga ukuri gukomeme kwerekeye ubwami bwe. Birumvikana ko atari gushobora guhitamo ahantu ho gukorera hakwiriye. Ikiyaga n'imisozi ndetse n'imirima byabaga biri imbere ye, izuba na ryo ryohereza imirasire ya ryo ku isi, ibyo byari imfashanyigisho zimubashisha kumvikanisha ibyigisho bye, maze bikandikwa mu mitima y'abamwumvaga. Nta cyigisho na kimwe cya Kristo cyabaye imfabusa. Ijambo ryose ryasohokaga mu kanwa ke ryazaniraga umutima inkuru y'ubugingo bw'iteka.

Inteko y'abantu, yagumyaga kugenda yiyongera. Abasaza bazaga bishingikirije utubando twabo naho abaturage b'imbaraga bamanukaga bavuye mu misozi, abarobyi bamenyereye imiruhu yo ku nyanja, abacuruzi

n'abigishamategeko, abakungu n'abanyabwenge, mbese abantu b'ingeri zose bihutiraga kuza kumva amagambo y'Umwigisha wavuye mu ijuru, bamuzaniye abarwayi n'abashavuye.

Ibyo ni byo abahanuzi batekerejeho bandika bagira bati :

“Mu gihugu cya Zaburoni na Nafutali hafi y'inyanja,
hakurya ya Yorodani n'i Galilaya y'abapagane; abantu
bari bicaye mu mwijima babonye umucyo mwinshi.

Kandi abari bicaye mu gihugu cy'urupfu no mu gicucu cyarwo,

bamurikirwa n'umucyo.”

Yesu yigishiriza isomo rye ku nkombe z'inyanja, ntiyatekerezagaga gusa kuri abo bari ku nyanja bamwicaye iruhande, ahubwo yanabwiraga n'abandi bazamwumva. Nuko yitegereje mu bihe bizaza abona abayoboze be bari mu magereza, mu nkiko, bageragezwa, ari bonyine kandi bababajwe. Umunezero wose n'intambara zose ndetse n'ibirushya by'ahazaza binyuzwa imbere y'amaso ye. Mu gihe yabwiraga abari bamukikije, Yesu yabaga anabwira n'abandi bazakurikiraho, abagezaho ubutumwa bw'ibyiringiro mu gihe cy'ibigeragezo, n'ubwo guhumuriza mu gihe cy'imibabaro, n'umucyo w'ijuru mu gihe cy'umwijima. Kubw'imbaraga y'Umwuka Wera, ijwi ryavaga mu bwato bw'abarobyi bwari ku nyanja y'i Galilaya, ryagombaga kuzumvikana rimenyekanisha amahoro mu mitima y'abantu, kugeza ku mperuka y'ibihe.

Icyo kiganiro gishoje, Yesu ahindukirira Petero maze amubwira kujya mu nyanja hagati, akajugunya urushundura rwe. Ariko Petero yari yacitse intege cyane. Yari yakesheje ijoro ryose ntiyagira icyo afata. Muri ayo masaha y'umutuzo, Petero yatekerezagaga ibya Yohana Umubatiza wari mu nzu y'imbohe ye wenyine. Yari yatekereje ibizaba kuri Yesu no ku bigishwa be, ku buryo umurimo wumvikanye ho gato i Buyuda, anatekereza ku buryarya bw'abatambyi n'abigishamategeko. No mu murimo we yakoraga yari amaze gutsindwa; nuko ubwo yabonaga inshundura ze zirimo ubusa, yumva ahazaza he hijimye, kandi haca intege. Niko kubwira Yesu ati: “Databuja, twakesheje ijoro ryose dukora cyane, nyamara ntacyo twafashe; ariko kuko ubivuze reka nzijugunye.”

Mu ijoro, ni cyo gihe cyiza cyo kurobesha inshundura mu mazi abonerana yo mu kiyaga. Kujugunya urushundura mu mazi ku manywa kandi yaraye aroba agakesha ijoro ntacyo afashe, Petero yabonaga ntacyo bimaze; ariko Yesu yarabimutegetse. Kandi urukundo, abigishwa bagirira Shebuja, rubatera kumvira. Simoni n’umuvandimwe we bajugunya urushundura. Barukuruye rwenda gucika kuko rwarimo ifi nyinshi. Byatumye basaba ubufasha Yakobo na Yohana maze mu kanya gato amato yombi aruzura bituma bashaka kurengerwa.

Petero ntiyongera gutekereza ku by’ubwato cyangwa umutungo warimo. icyo gitangaza cyamubereye igihamba gikomeye kuruta ibindi byose kuko yari yiboneye ukwigaragaza kw’imbaraga y’Imana. Yabonye muri Yesu ubushobozi bugenga ibyaremwe byose. Imbere y’Imana, Petero yiyumvise ko ari umunyabyaha. Urukundo yari afitiye Umwigisha we n’isoni z’ukutizera kwe, ishimwe yashimiraga Kristo kubwo kwicisha bugufi kwe, ariko cyane cyane kumva ko umutimanama we wamwumvishaga uburyo ari umunyabyaha uri kumwe n’Umwigisha w’umuziranenge biheranije; ibyo byose biramushengura. Nuko mu gihe abandi bigishwa barimo bakura amafi mu nshundura, Petero yikubita ku birenge by’Umukiza, maze arataka ati : “Va aho ndi Data buja kuko ndi umunyabyaha.”

Na none kwera kw’Imana kumeze gutyo kwateye umuhanuzi Daniel kugwa ku birenge bya marayika w’Imana, asa n’upfuye, maze aravuga ati : “Sinasigarana intege, kuko ubwiza bwanyje bwampindukiyemo ububore ndatentebuka.” Kandi n’igihe Yesaya yabonye ubwiza bw’Uwiteka yaratatse ati: “Mbonye ishyano, ndapfuye we! Kuko ndi umunyaminwa yanduye kandi ntuye hagati y’ubwoko bufite iminwa yanduye, kandi amaso yanjye abonye Umwami, Uwiteka Nyir’ingabo^{2!}” Abantu b’abanyanteye nke kandi b’abanyabyaha, bari bahabanye n’ukubonera kw’Imana, niyo mpamvu biyumvamo ko badatunganye kandi batarangwamo ukwera. Iki gihamba cyabaye ku bantu bose bagize amahirwe yo kubona ubwiza n’icyubahiro cy’Imana. Petero nubwo yatatse ati : “Va aho ndi Databuja kuko ndi umunyabyaha”, yagumye ku birenge bya Yesu, yumva atakongera gutandukana na we. Umwami aramubwira ati “Witinya, uherezeye none uzajya uroba abantu.”

Na nyuma yuko Yesaya yitegereje kwera kw’Imana, yamenye kutabonera kwe kandi ashingwa ubutumwa bw’Imana. Petero nawe amaze kwemera

kutiyiringira no kwiyumvamo ko akeneye kugengwa n'imbaraga y'Imana, nibwo yahamagariwe gukorera Kristo.

Nta n'umwe wo mu bigishwa ba Kristo wari wakwemera kwitanga ngo yinjire mu murimo we burundu. Bari barabonye ibitangaza bye byinshi kandi bumva n'ibyigisho bye; ariko bari batarareka burundu imirimo yabo isanzwe. Bari bababajwe cyane n'ifungwa rya Yohana Umubatiza. Niba amaherezo y'umurimo wa Yohana yari abaye ayo, Shebujamba bamusigaraniye icyizere gike, kuko abayobozi b'idini n'abigishamategako bamurwanyaga. Kuri bo bwari uburyo bwo kuyobya uburari bwabo ubwo bigarukiraga ku nyanja by'igihe gito. Noneho Yesu abasaba gutera umugongo ibyahise ngo babone uko bahuza inyugu zabo n'ize. Petero yari amaze kwemera irarika. Petero amaze kugera ku nkombe, Yesu ateguka abandi bigishwa batatu ati: "Nimunkurikire nzabagira abarobyi b'abantu". Uwo mwanya basiga byose baramukurikikira.

Mbere yo kudasaba gusiga inshundura zabo n'amato yabo, Yesu yari yabijeje ko Imana izabaha ibyo bakeneye byose. Kubera ko yakoresheje ubwato bwe mu murimo w'ivugabutumwa, Petero yabonye ko agororewe cyane. Ni « umutunzi ku bamwambaza bose », uwavuze ati : "Mutange namwe muzahabwa. Urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye nirwo muzagererwamo." Ni muri urwo rugero imirimo y'intumwa yagiye igororerwamo. Igitambo cyose cyeguriwe umurimo we, kizahembwa nk'uko "ubutunzi bw'ubuntu bwayo buhebuje buri³."

Muri iryo joro riteye agahinda bamaze mu nyanja, bari kure ya Kristo, abigishwa bari buzuwe no gushidikanya kandi bariruhije ntibagira icyo bunguka. Ariko kubana na we kwabo kubagaruramo kwizera, bibazanira umunezero no guhirwa. Natwe niko bitugendekera, tudafite Kristo umurimo wacu uba imfabusa, tugacika intege ndetse tukivovota. Ibiri amambu, iyo Yesu aturi hafi, natwe tugakora tuyobowe na we tunezewa n'ibimenyetso by'imbaraga ze. Umurimo wa satani ni uguca intege imitima; naho uwa Kristo utera umutima kugira kwizera n'ibyiringiro.

Icyigisho cyimbitse cy'icyo gitangaza cyari gifite umugambi wo kwigisha abigishwa, natwe kiratugenewe: ibyo ni ukuvuga ko Uwategetse n'ijambo rye maze

amafi yo mu nyanja agateranira mu rushundura, ashobora gukuruza imitima imirunga y'urukundo rwe, bityo abakozi be akabagira abarobyi b'abantu.

Abo barobyi b'i Galilaya bari abantu boroheje kandi b'abaswa; ariko kuko Kristo ari Umucyo w'isi yabateguriye gukora umurimo yabatoranirije. Umukiza ntabwo yakerensaga kwigishwa kandi ubwenge bw'abahanga ni imigisha iyo bukoresherejwe Imana kandi bugakomeza kuyoborwa n'urukundo rwayo; nyamara abanyabwenge bo mu gihe cy'e yabashyize iruhande: kuko bikundaga, kandi bakiyiringira aho gukunda imbabare ngo bemere gufatanya n'umugabo w'i Nazareti. Ubwenge bwabo butagutse bwababujije kwemera kwigishwa na Kristo. Umwami Yesu ashaka gukorana n'ibikoresho byicisha bugufi, byemera kwamamaza ubuntu bwe. Ikintu cya mbere umuntu ushaka kuba umukozi w'Imana agomba gukora ni ukwiga kutiyiringira we ubwe; ubwo nibwo umuntu ashobora gusa kuba ufatanya na kamere ya Kristo. Ibyo ntibigerwaho nuko wize ubwenge bwo mu ishuri, ahubwo ni ubwenge bwigirwa iruhande rw'Umwigisha wavuye mu ijuru.

Yesu yatoranije abarobyi batacengewemo n'imigenzo n'imihango yo mu gihe cyabo: ni ukuvuga abantu basanzwe bamenyereye kwicisha bugufi kandi bifuzwa kwigishwa, abo yashoboraga kubonereza umurimo we. Mu mayira aciye bugufi yo mu buzima, uhasanga abantu bakora imirimo yoroheje cyane, kandi batunze ubwenge n'ubuhanga batabizi, ubwenge bwagutse bwababashisha gushyirwa ku rugero rumwe n'urw'abantu bagomba kubahwa cyane. Ubwo bwenge iyo bukozweho n'ukuboko k'Umuhanga w'abahanga burakanguka cyane. Abantu nk'abo ni bo bararikiwe gufatanya na Yesu, maze bagira amahirwe yo gukorana na we. Ibihangange byo muri iyi si ntibyigeze bigira umwigisha nk'uwo. Igihe abigishwa bari basohotse mu ishuri ry'Umukiza, ntibari bakiri abantu b'injiji n'abaswa batize. Bari bihujwe na we mu mwuka no mu mico, nuko uwababonaga yamenyaga ko babanye na Yesu.

Umurimo wo kurera ntabwo uhagarariye cyane cyane ku gutanga ubumenyi gusa, ahubwo ni n'uwo gutanga imbaraga itanga ubugingo, kubera guhuza ubwenge n'ubundi, n'umutima ugasabana n'undi. Ubugingo bwonyine ni bwo butanga ubugingo. Mbega umwihariko w'abigishwa bamaze imyaka itatu yose, basabana n'imibereho y'ijuru buri munsu aho ibyiza byose bikungahaje iyi si bikomoka. Yohana, umwigishwa ukundwa yahinduwe n'iyi mibereho y'igitangaza

kurusha bagenzi be bose. Yaravuze ati : “Kandi ubwo bugingo bwerekanywe turabubona; turabuhamya. Kandi none turababwira iby’ubugingo buhoraho bwahoranye na Data wa twese tukabwerekwa.” “Kandi ibimwuzuye akaba aribyo twahaweho twese ni ubuntu bukurikira ubundi⁴.”

Intumwa z’Umwami, ubwazo ntacyo zari zifite zakwirata. Byagaragaraga ko kujya imbere kw’imirimo yazo, guterwa n’Imana ubwayo. Imibereho y’abo bantu n’umurimo ukomeye Imana yabahaye gukora ni byo bigaragaza ko Imana iri mu ruhande rw’abumvira, ikaba yiteguye gukorera ibyiza abicisha bugufi.

Ufitiye Kristo urukundo rwinshi, ni we uzakora ibyiza byinshi. Nta mupaka w’ibyiza ku muntu uzashyira inarijye ku ruhande maze akareka Umwuka Wera agakorera mu mutima we, kandi imibereho ye yose akayegurira Imana. Abazagira imyifatire ikwiye batinuba kandi ntibananirirwe mu nzira, Imana izajya ibigisha isaha ku isaha, uko bukeye nuko bwije. Nta kindi Imana isaba kirenze uguhishura ubuntu bwayo. Ikoresha imiyoboro y’abantu, izasuka ku bantu bayo amazi y’agakiza ari uko abo bakuye inzitizi mu nzira. Iyo abantu boroheje baza guterwa umwete wo gukora ibyiza byose babasha gukora, iyo ishyaka ryabo ridakomwa mu nkokora, Kristo aba yarabonye amagana menshi y’abakozi ahantu haboneka umukozi umwe ubu ngubu.

Imana ifata abantu uko bari, maze ikabatunganiriza gukora umurimo wayo bemeye kugengwa na Yo. Igihe umutima wakiriye Umwuka w’Imana imbaraga zose z’ubwenge zihinduka nzima. Umutima wiyegurira Imana utiziganije, ukura neza ugengwa n’Umwuka Wera, kugeza igihe ushobora gusobanukirwa kandi ukanyurwa n’iby’Imana isaba. Umutima w’intege nke kandi uteguza urakomera maze ugashikama. Mu gusenga kwa buri gihe umukristo arema isano ikomeye hagati ye na Kristo maze buhoro buhoro akagenda asa na we mu mico no mu bwenge. Imibanire ye na Kristo izamubashisha igihe cyose kurushaho kwitegereza no kumvira byagutse. Azagira ubwenge bwimbitse no gushishoza kunonosoye. Umuntu wifuza kwinjira mu murimo wa Kristo agarurwamo intege n’imbaraga bya Zuba ryo gukiranuka, ku buryo yera imbuto nyinshi, zihesha Imana icyubahiro.

Abantu bazobereye mu buhanga kandi b'abanyabwenge mu bya siyansi, batangajwe cyane n'amasomo y'igiciro cyinshi yatangwaga n'abakristo baciye bugufi bafatwa nk'injiji. Ni uko abo bigishwa batamenyekana bari barigiye mu ishuri riruta ayandi. Bajyaga bicara ku birenge by'umuntu wavugaga akaba nta undi wigeze avuga nka we.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 4:18-22; Mariko 1:16-20; Luka 5:1-11.
2. Daniel 10:8; Yesaya 6:5.
3. Abaroma 10:12; Luka 6:38; Abefeso 2:7; 3:20. 4. 1 Yohana 1:2; Yohana 1:16.

***** ****

26. I KAPERINAWUMU



Mu ntera zitandukanya ingendo ze, Yesu yiberaga i Kaperinawumu. Kugeza ubwo uwo muji bawita umuji we bwite. Wari umugi uherereye iruhande rw'inyanja ya Galileya hafi n'ikibaya cyiza cya Genezareti. Habaga ibihe byiza mu kibaya kihakikije kubera icyo kiyaga. Mu gihe cya Yesu habaga ibiti byiza by'imikindo

n'imyelayo; hari uturima tw'imbutu, imizabibu, imirima y'ibyatsi bitoshye n'indabyo z'amoko menshi anyuranye byose bikavomerwa n'imigezi yamanukaga ku musozi. Inkengero z'ikiyaga n'imisozi y'aho hafi, yari itatswe n'imigi n'imidugudu. Ikiyaga cyari cyuzuyeho amato yo kuroba. Hose ubuzima bwagendaga neza.

Kaperinaumu yari iberanye n'izingiro ry'umurimo wa Yesu kubera ukuntu yari hagati y'imihanda yavaga i Damasiko ijya i Yerusalemu no muri Egipta ndetse no ku nyanja ya Mediterane; hari ahantu hagendwa cyane. Abantu baturukaga impande zose banyuraga muri uwo murwa cyangwa bakahahagarara kugira ngo baharuhukire. Yesu yahahiriraga n'abantu benshi b'amoko yose n'abantu bari mu nzego zose: abakire n'abakomeye, abakene cyangwa aboroheje, kandi kubw'ibyo inyigisho zahigishirizwaga zajyanwaga ahantu henshi mu bindi bihugu no mu miryango myinshi. Byatumye bashimikira kwiga ubuhanuzi, ibitekerezo byabo babyerekeza ku Mukiza, n'abantu bamenya icyamuzanye.

Nubwo abanyamategeko bo mu rukiko bageragezaga kumurwanya, bategerezanyaga umutima uhagaze ibizakurikira umurimo we. Ijuru ryose ryagaragazaga inyungu nyinshi. Abamaraika bateguraga inzira imbere y'umurimo we bagakabakaba imitima bakayigarura kuri Kristo.

I Kaperinawumu, umuhungu w’umusirikare wari warakize bwari ubuhamya bwerekana imbaraga za Kristo. Uwo ndetse n’umuryango we bahamishaga umunezero kwizera kwabo. Mu gihe bumvaga kuza k’Umukiza, umugi wose warashitse. Abantu benshi baza aho Yesu ari. Urusengero rwaruzuye ku muni w’isabato ku buryo bamwe batashye batabone imyanya.

Iyo bumvaga Umukiza, “inyigisho ze zabakoraga ku mutima kuko yavuganaga ubutware.” “Yabigishaga nk’ufite ubutware akanyuranya n’imyigishirize y’abanditsi¹.” Inyigisho z’abanditsi n’abakuru zari zikonje, zimeze nk’icyigisho gisubirwamo nka kasuku. Kuri bo Ijambo ry’Imana ryari ryaratakaje imbaraga yaryo y’ubugingo. Bari bararisimbuje ibitekerezo byabo n’imihango yabo. Nta mbaraga y’Imana yakanguraga imitima yabo cyangwa iy’ababumvaga mu gihe basobanura amategeko bari mu mirimo yabo isanzwe.

Yesu ntiyitaye ku ngingo zagibwagaho impaka n’abayuda. Umurimo we wari uwo kwerekana ukuri. Amagambo ye yakwirakwizaga umucyo mwinshi ku nyigisho z’abahanuzi n’abakurambere bituma Ibyanditswe bifata intera y’ihishurwa rishya. Abamwumvaga nta kindi gihe bari barigeze bumva ubusobanuro bwimbitse bw’Ijambo ry’Imana.

Yesu yishyiraga mu rwego rumwe n’abamwumvaga maze akerekana ko ingorane zabo na we azimenyereye. Yahinduraga ukuri mu ubwiza maze akakwerekana mu buryo butaziguye rwose kandi bworoheje. Imvugo ye yari itunganye, yumvikana kandi ibengerana nk’ibuye ry’igicro cyinshi. Ijwi rye ryumvikanaga nk’indirimo nziza ku bari bamenyereye ijwi ridahinduka ry’abigishamategeko. Nubwo inyigisho zari zicishije make, yavugaga nk’ufite ubutware, ibyo bigatuma habaho itandukaniro ku nyigisho zitangwa n’abandi bigisha b’abahanga. Abigishamategeko bigishaga bafite gushidikanya no gukekeranya nk’aho Ibyanditswe Byera byashobora kugira ubundi busobanuro butari ubwo bo batanga. Ababumvaga basaga n’abari mu rujijo ruteye ubwoba. Ariko Yesu yigishaga Ibyanditswe Byera abiha ubutware butagirwaho impaka. Isomo iryo ari ryo ryose yaritanganaga imbaraga, kandi ibitekerezo bye byari bihamye rwose.

Yagiraga impuhwe cyane kurenza uko yagiraga ubukana. Yavugaga nk'ufite inshingano izwi agomba gusohozza. Yashyiraga ahagaragara ukuri kw'isi izahoraho. Imana yagaragaraga muri buri cyigisho. Yesu yihatiraga gukuraho ibirangaza byari byarabase abantu batwawe n'iby'isi. Yerekanaga ibintu by'ubugingo muri gahunda yabyo iboneye, akabihuza n'agaciro gahoraho, atirengagije akamaro kabyo. Yerekanaga uburyo ijuru n'isi bihujwe, n'uko kumenya ukuri kw'Imana bitegurira umuntu gusohozza inshingano ze za buri muni. Yavugaga nk'umenyeranye n'ijuru, azirikana umushyikirano we n'Imana ndetse n'ubumwe afitanye n'uwo ari we wese wo mu muriyango w'abantu.

Yahinduranyaga ubutumwa bwe bw'ubuntu kugira ngo abashe guhaza ibyifuzo by'abamwumvaga bese. Yari azi "gukomerasha ijambo" "utentebutse²." Kuko ubuntu bwari busesekaye ku minwa ye kugira ngo bimufashe guhishurira abantu ubutunzi bw'ukuri, kandi ibyo byose yabikoraga mu buryo bureshya abantu. Yasanganaga ubwenge ab'imitima yamazwe n'urwikekwe maze bakamwemera ku bw'imfashanyigisho ze zatoranijwe neza. Yashyikiraga umutima binyuze mu byo bibwira. Ibigereranyo bye yabikuraga mu buzima busanzwe. Kabone n'ubwo byagaragaraga ko byoroheje, byabaga bifite ubusobanuro bwimbitse. Inyoni zo mu kirere, uburabyo bwo ku gasozi, imbuto, umwungeri w'intama; ibyo byose byari bibereyeho kwerekana ukuri kudapfa kwerekanywe na Kristo; igihe cyose, mu bihe byakurikiyeho, abamwumvaga barebaga ibyo byaremwe, amagambo ye akagenda agaruka mu bitekerezo byabo. Bityo ibigereranyo Yesu yakoresheje byibutsaga amasomo yabo buri gihe.

Yesu ntivyigeze ashyeshyenga abantu. Ntacyo yavugaga gishobora kubyutsa amashyengo yabo. Ntivyigeze abashimira ibihimbano byabo bamenyerereye; abantu batekereza cyane, batasabwe n'urwikwekwe bemeraga inyigisho ye yagaragazaga uko ubwenge bwabo buri hasi. Batangazwaga no kubona ukuri kw'iby'umwuka gusobanurwa mu mvugo nk'iyi yoroheje. Abaminuje bari batwawe n'ijambo rye naho abaswa bakahungukira ubwenge. Yari afite ubutumwa ku batari barize gusoma no kwandika n'abapagani ubwabo bumvaga ubwo butumwa bubareba.

Urukundo rwe rutangaje rwageraga ku mitima inaniwe kandi

ihungabanye. Umwuka w'amahoro wabaga umukikije n'igihe yabaga ari hagati y'imbaga y'abanzi be basakuza barakaye. Ubwiza bw'imyifatire ye, ubwitonzi bw'imico ye cyane cyane kandi urukundo rwagaragaraga mu ndoro ye no mu ijwi rye, byamukururiragaho uwo ari we wese utaranangiwe no kutizera. Iyo hatabaho ubugwaneza n'urukundo byamurikiraga muri buri ndoro ye, muri buri jambo rye, ntiyari kwihurizaho imbaga y'abantu bangana batyo. Abababaye bamusangaga bumvaga afite uruhare mu nyungu zabo nk'inshuti y'indahemuka yuje urukundo; kandi bifuzaga kumenya biruseho ukuri yigishaga. Bumvaga ijuru ryabegereye. Bifuzaga kwishimira kubana na we igihe kirekire no gukomeza kwibera mu mbaraga y'urukundo rwe ruhumuriza.

Yesu yitegerezanyaga amatsiko menshi uburyo isura y'abamwumvaga igenda ihinduka. Mbese mu maso habo herekanaga kunyurwa n'umunezero? Yababonagamo kunyurwa. Umukiza yuzuye umunezero mwinshi yabonaga ko imyambi y'ukuri yahinguranyije imitima inyuze mu nzitiro zo kwikunda, ikazana kwihana by'ukuri no kuzirikana ibyiza bagiriwe. Igihe yararanganyaga amaso muri iyo nteko nini y'abamwumvaga, amenyamo abantu yari yarigeze abona, umunezero umurika mu maso he. Ababonamo abashobora kuzaba abaragwa b'ubwami bwe. Iyo ukuri kuvugwa kudaciwe ku ruhande kwakoraga ku kigirwamana gikunzwe, yabonaga imyifatire ihindutse : indoro ikonje, yiheza, yerekanaga rwose ko umucyo utakiriwe. Umutima we warashengurwaga impande zose, abonye abantu banga kwakira ubutumwa bw'amahoro.

Mu rusengero, Yesu yavugaga iby'ubwami yaje gushyiraho, n'umurimo yagombaga kurangiza abohora imbohe za satani. Ahagarikwa n'urusaku ruteye ubwoba. Umusazi ahubuka mu bantu yitera hejuru arataka ati : «Ayi we! Duhuriye he Yesu w'i Nazareti? Uje kuturimbura? Ndakuzi uri Uwera w'Imana³.»

Bose barakangarana bagira ubwoba. Abumvaga Yesu bahita barangara n'amagambo ye ntibongera kuyumva. Uwo niwo mugambi satani yari yateguye ubwo yinjizaga uwo yigaruriye mu rusengero. Ariko Yesu acyaha daimoni ati : « Hora, muvemo. » Daimoni amutura hagati yabo, amuvamo atagize icyo amutwara. »

Uwo munyamubabaro yari afite ubwenge bwijimishijwe na satani; ishusho y'Umukiza imwinjizamo umurasire w'umucyo. Ashaka kwivuvunura mu butware

bwa satani; ariko dayimoni yari ahanganye n’ububasha bwa Kristo. Igihe uwo muntu yashakaga gusaba ubufasha buturutse kuri Yesu, umwuka mubi yashyiraga amagambo ye mu kanwa ke maze akamutakisha biteye ubwoba.

Bigeraho utewe na dayimoni amenya ko ari imbere y’Ushobora kumubohora; nyamara indi mbaraga iramufata igihe yageragezaga kwishyira imbere y’uko kuboko gukomeye, maze avuga amagambo anyuranye n’ayo yari yatekereje. Intambara ikomeye yari yahagurutse hagati y’imbaraga za satani n’icyifuzo cy’umudendeze uwatewe na dayimoni yiyumvagamo.

Uwari wanesheje satani mu butayu bw’ibigeragezo yari ahanganye imbonankubone n’umwanzi. Dayimoni akoresha imbaraga ze zose kugira ngo agumane uwo yigaruriye. Kureka urugamba muri uyu mwanya, kwari ukwemerera Yesu kunesha. Umuntu yari gutekereza ko uyu munyamibabaro waribwaga cyane yari agiye gupfa arwana n’umwanzi we ntandaro yo kurimbuka kwe. Ariko Umukiza avugana ubutware, maze imbohe ishyirwa mu mudendeze. Uwari warigaruriwe, agaharara anezerewe yemye kandi afite ubwenge, imbere y’iteraniryo ryishimye. Dayimoni ubwe yari yatanze ubuhamya ku mbaraga y’ubumana bw’Umukiza.

Uwabohowe ahimbaza Imana. Iryo jisho mu mwanya ryoherezaga imirabyo y’ibisazi, noneho rigaragaramo ubwenge, rimena amarira yo kuzirikana ineza rigiriwe. Inteko yose yari yacecekeshejwe no kumirwa. Bongeye kugarura intekerezo, bese baratangara barabazanya bati : “Ibi ni ibiki? Ko ari imyigishirize y’inzanduka! Mbega uburyo ategukana ubutware, n’abadayimoni nabo baramwumvira!⁴⁹”

Imyifatire y’uwo mugabo ni yo yari yamukururiye ako kaga kari karatumye ahinduka igitangaza giteye ubwoba ku nshuti ze n’umutwaro kuri we ubwe. Atwawe no kwinezeza mu byaha, yibwiraga ko azahorana umunezero udashira. Ntiyigeze atekereza ko azahinduka ikintu giteye abantu ubwoba n’igishishana ku muryango we; yatekerezaga ko ashobora kuzamara igihe cye cyose muri ubwo busazi bwe yibwiraga ko buboneye rwose. Ariko igihe yari abigezemo, ukuguru kwe kwahise kunyerera. Ububasha bwe buhindanywa no kutirinda n’amanjwe, maze satani aramwigarurira rwose.

Kwicuza byaje nyuma. Ubukungu n'ibinezeza, byose yari kubitanga kugira ngo yongere kugira amagara mazima, ariko ubu noneho yari yabaye umuhigo wa satani adafite ibyiringiro. Yari mu kibuga cy'umwanzi, kandi satani yari yigaruriye ubushobozi bwe bwose. Umushukanyi yari yaramuriganishishije ibishuko bye; igihe umunyabyago yajyaga mu bubasha bwe, umwanzi yigaragaza ko ari umwicanyi, maze akajya amugenderera biteye ubwoba. Uko niko bijya bigendekera umuntu wese ukinguriye ikibi, ibinezeza bikurura byo mu ntangiriro bigeza ku mwijima wo kwiheba cyangwa ku busazi bw'umutima wahindanye.

Wa mwuka mubi wari waragerageje Yesu mu butayu kandi ukigarurira umusazi w'i Kaperinaumu niwo wategekaga abayuda batizera. Ariko wabakomerezaga mu gusa nk'abantu b'Imana, ugashaka kubabeshya ku byerekeye inzitwazo zari zarabateye kwanga Umukiza. Imibereho yabo nta byiringiro yari ifite kuruta iy'uware utewe na dayimoni; kuko batigeraga bagaragaza ko bifuza gutabarwa na Kristo; bari barafatiwe mpiri mu bubasha bwa satani.

Igihe Kristo yakoraga umurimo we mu bantu, cyaranzwe n'umurimo munini w'imbaraga z'ubwami bw'umwijima. Ibihe amagana menshi satani n'abamaraika be babi bagerageje kwigarurira imibiri n'imitima by'abantu, kugira ngo babijyane mu cyaha no mu mibabaro, maze ahindura Imana nyirabayazana w'iyi mibabaro. Yesu yashakaga guhishurira abantu imico y'Imana. Yari yaje gusenya imbaraga za satani no kubohora abo yagize imbohe ze. Ubuzima bushya, urukundo n'imbaraga mva juru byakoraga ku mitima y'abantu, maze sekibi ahagurutswa no kugira ngo ashimangire ububasha bw'ubwami bwe. Satani akusanya imbaraga ze zose, maze ahangana ku ntambwe yose n'umurimo wa Kristo.

Uko niko bizagenda ku nshuro ya nyuma y'intambara ikomeye, gukiranuka kuzarwana n'icyaha. Mu gihe ubugingo, umucyo n'imbaraga bishya bimanukira ku bigishwa ba Kristo bivuye mu ijuru, haza imbaraga iturutse ikuzimu kugira ngo itera umwete ibikoresho bya satani. Ibyo ku isi byose rero bikisukiranya. Kuba yarigishijwe ibihe amagana by'urugamba, sekibi akoresha kwiyoberanya. Aza yishushanyije na malayika w'umucyo ku nteko zishingikiriza “ ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni⁵⁹”

Mu gihe cya Kristo, abayobozi n'abigisha b'abisiraeli ntibari bashoboye guhangana n'ibikorwa bya satani. Bakerensaga uburyo rukumbi bwari kubashoboza guhangana n'ibitero by'imyuka mibi. Ni kubw'Ijambo ry'Imana Kristo yari yatsinze umubi. Abayobozi b'abisiraeli bahamyaga ko bigisha Ijambo ry'Imana, bari bararyize gusa mu mugambi wo gukuramo impamvu zishyigikira imihango yabo yari kubashoboza gushimangira amategeko bishyiriyeho ubwabo. Ubusobanuro bwabo bwatumaga rivuga ibitandukanye n'ibyo Imana ishaka. Inyigisho zabo zishingiye ku bitangaza, zahinduraga umwijima icyo yari yarerekanye ku mugaragaro. Bajyaga impaka ku bintu bidafite agaciro, ibyo byagendaga byigizayo ukuri kw'ingenzi. Uko niko kutizera kwari kwarakwirakwijwe ahanu hose; Ijambo ry'Imana ryari ryaranyazwe imbaraga zaryo kandi imyuka mibi yari yarahawe icyicaro.

Amateka agenda agaruka. Abayobozi b'idini muri iki gihe, Bibliya ibumbuye imbere yabo, kandi bafite ibimenyetso byo gukurikiza inyigisho zayo, ariko icyo bakora ni ukutagira ibyiringiro mu Ijambo ry'Imana. Bashishikazwa no kurigabanya maze bagashyira imbere ibyiyumviro byabo bwite bakabisumbisha iby'ingenzi iryo jambo rivuga. Ijambo ry'Imana riri mu biganza nk'ibyo, rita ububasha bwaryo bwo kurema bushya. Ibyo nibyo bisobanura impamvu kutizera gusagamba n'ibyaha bikagwira.

Iyo satani abashije gusenya kwizera Bibliya, ayobora abantu ku yandi masoko y'umucyo n'ubushobozi. Uko niko yinjira. Abanga inyigisho z'ukuri zo mu Byanditswe byera no kwemera guhabwa Umwuka wera, baba bishyize muni y'ubutware bw'abadayimoni. Isuzuma n'inyigisho zagiye zitangwa mu buryo budakurikiranywe bivuga ku Byanditswe, byakinguriye inzira ubupfumu n'ubushitsi, ubwo buryo bwose buvuguruye bw'ubupagani bwa kera, bwatumye bushobora no kwinjira mu miryango ihamya ko ari amatorero y'Umwami wacu Yesu Kristo.

Ku birebana no kwigisha ubutumwa bwiza, umurimo urakomeza binyujijwe mu myuka iyobya. Mbere na mbere biza ku bw'amatsiko gusa ari ukwikinira n'iyi myuka, ariko bidatinze baratwarwa maze bakabona mu murimo imbaraga

idasanzwe, ntibibe bigishobotse kwikura muri ubwo buyobozi bw'ubushake butari ubwabo.

Imipaka irinda umutima irasenyuka. Nta ruzitiro rurinda icyaha. Nta muntu n'umwe uteganya urwego rwo kononekara azageraho niba yigijeyo uburinzibw'Ijambo ry'Imana kandi akirukana Umwuka wayo. Icyaha cyo mu rwiherero cyangwa se ubugome bukabije bushobora kumuboha nk'uko byagendekeye uriya muntu wari utewe n'abadayimoni w'i Kaperinaumu. Nyamara, imibereho nk'iyo si iyo kuburiramo ibyiringiro.

Uburyo Yesu yakoresheje atsinda umugome twarabuhawe. Ni ububasha bw'Ijambo. Imana ntikoresha imbaraga ngo itubemo; ariko nidushaka kuyimenya no gukora ibyo ishaka, iri sezerano ni iryacu ngo : « Namwe muzamenya ukuri kandi ukuri niko kuzababatura ». « Umuntu nashaka gukora ibyo Ikunda, azamenya ibyo nigisha ko byavuye ku Mana⁶ ». Kubwo kwizera ayo masezerano, buri wese azakurwa mu mitego y'ibinyoma no mu bubata bw'icyaha.

Umuntu wese afite uburenganzira bwo guhitamo umugenga w'imibereho ye. Nta muntu n'umwe ugwa, nta muntu n'umwe wirengagijwe utabonera gutabarwa kwe muri Kristo. Uwatewe n'abadayimoni, agerageje gusenga, yavuze amagambo ya satani; nyamara ihamagara ridasobanutse ryumvikanira mu mutima we. Nta rusaku rw'umutima uri mu kaga, kabone n'ubwo rutaba rusohotse mu magambo, ruburirwa igisubizo. Abazemera kugirana amasezerano n'Imana yo mu ijuru ntibazahânwa mu bubasha bwa satani cyangwa mu bumuga bw'umubiri. Umukiza arabararikira kwisunga imbaraga ze no kuzura na we⁷. Imyuka y'umwijima izarwana kugira ngo iheze imitima mu butware bwayo; ariko abamaraika b'Imana bazakoresha imbaraga zirenze urugero bayirwanirira. « Mbese abakomeye banyagwa iminyago cyangwa abajyanwa ari imbohe bazira ukuri bararekurwa? Ariko Uwituka aravuga ati : abajyanwa ari imbohe n'abakomeye nabo bazakurwayo, kandi iminyago y'abanyamwaga izarekurwa kuko ari jye uzakurwanira n'ukurwanya kandi nzakiza abana bawe⁸ ».

Iteraniro ryari rikiri mu rusengeru bagitangajwe n'ibyari bimaze kuba, ubwo Yesu yasohokaga yerekeza mu nzu ya Petero kugira ngo aje kuruhuka akanya gato. Na none kandi igicucu cyari kikiriho. Nyirabukwe wa Petero yari

arwaye. Yari afite ubuganga bukaze. Yesu yirukana uburwayi bwe maze arahaguruka agaburira Umwigisha n’abigishwa be.

Urusaku rw’ibikorwa bya Yesu rukwira umujyi wa Kaperinawumu wose. Abantu ntibatinyukaga gusanga Yesu ngo abakize ku munsu w’isabato, kuko batinyaga abigishamategako, ariko izuba rimaze kurenga haboneka ihururu ry’abantu benshi. Abatuye mu mujyi bava mu mazu, mu maduka, mu maguriro kugira ngo bajye muri rwa rugo ruciye bugufi rwakiriye Yesu. Hazaga abarwayi bahetswe cyangwa bagendera mu mbago zabo cyangwa bakaza basindagira bafashijwe n’inshuti za bo.

Rwari urujya n’uruza ruhoraho, kuko nta n’umwe wari uzi ko Umuvuzi yari kuba agihari bukeye bwaho. Kaperinawumu ntiyari yarigeze ibona umunsi umeze nk’uwo. Urusaku rwo gutsinda no gucungurwa rwari rwuzuye aho. Yesu yari anyuzwe n’umunezero yakwije ahamuzengurutse. Abonye imibabaro y’abaje bamugana, umutima we wari wuzuwe impuhwe unejewe nuko ashobora kubakiza no kubaha umunezero.

Yesu yarekeye aho gukora ari uko amaze guhumuriza imbabare ya nyuma. Bibaye mu gicuku, abantu barataha maze haboneka ituze mu nzu ya Simoni. Nuko nyuma y’uwo munsu muremure kandi unanije, Yesu ashaka kuruhuka. Ariko ubwo umujyi wose wari uhunikiye “mu museke arabyuka, arasohoka ajya mu butayu gusengera yo⁹”.

Uko niko iminsi ya mbere y’umurimo wa Yesu hano ku isi yagenze. Kenshi yajyaga areka abigishwa be bakajya iwabo kuruhuka; we yajyaga yihanganira bitangaje imbaraga bajyaga bakoresha kugira ngo bamuhazahuze mu mirimo ye. Buri munsu yarakoraga, akigisha abaswa, agakiza abarwayi, agahumura impumyi, agahaza inteko y’abantu; nimugoroba na mu gitondo, kare kare yajyaga ku musozi nk’ujya mu rusengero gusabanira yo na Se. Hari ubwo yajyaga amara ijoro ryose asenga kandi yiga Ijambo ry’Imana, kugira ngo aze kubona uko asubira mu mirimo ye mu bantu bumaze gucywa.

Kare kare, mu museso, Petero na bagenzi be baza kuburira Yesu ko abaturage b'i Kaperinawumu baje kumushaka. Ntabwo abigishwa bari bishimiye uko Yesu yari yakiriwe kugeza ubwo, muri urwo rugo. Abatware b'i Yerusalemu bashakaga kumwica; abo bavuka mu kirorero kimwe bari barigeze bashaka kumwica, ariko Kaperinawumu yo yamwakiranye ibyishimo bitangaje, maze ibyiringiro by'abigishwa byongeraga kugaruka. Birashoboka ko mu Banyegalilaya bafite umudendezo, harimo abemeye gukurikira iyo dini nshya. Nyamara batunguwe no kumva Yesu avuga aya magambo ngo "Nkwiriye kwigisha ubutumwa bwiza bw'Imana no mu yindi midugudu kuko ari byo natumiwe¹⁰".

Hagati muri ibyo byaberaga i Kaperinaumu byasaga naho batabona umugambi w'umurimo we. Yesu ntiyashimishwaga no kwikururiraho abantu nk'umuntu witeguye gukora ibitangaza n'Umuvuzi. Yashishikariraga gukururira abantu ku Mukiza wabo. Abo bantu bari bizeye ko yaje nk'umwami kugira ngo ashyireho ubwami bw'isi. Yashakaga gukura imitima yabo ku bintu byo ku isi maze akaberekeza ku bintu by'umwuka. Kumumenya mu buryo bw'isi bikoma mu nkokora umurimo we.

Kwamamazwa n'inteko itagize icyo yitayeho byari bihabanye n'imikorere ye. Mu mibereho ye yose ntiyigeze agira igitekerezo cyo kwibonekeza. Umwana w'umuntu yari umunyamahanga ku byubahiro ab'isi baha umwanya umuntu arimo, ubutunzi cyangwa se impano z'ubwenge. Nta buryo na bumwe Yesu yigeze akoresha butuma abantu bamwomaho cyangwa ngo bamuhe ibyubahiro. Mu binyejana byinshi byabanjirije kuvuka kwe, yari yarahanuye ibimwerekaye ati : "Ntazatongana, ntazasakuza, kandi ntazumvikanisha ijwi rye mu nzira. Urubingo rusadutse ntazaruvuna kandi n'urumuri rucumba ntazaruzimya, ahubwo azazana gukiranuka by'ukuri. Ntazacogora, ntazakuka umutima kugeza aho azashimangira gukiranuka mu isi¹¹."

Abafarisayo bashakaga kwitandukanya n'abandi buzuza nk'uko bitegetswe imihango kandi bagashyira mu bikorwa babishyizeho itegeko ibikorwa byo gusenga no kugira neza. Berekanaga umwete wabo ku by'idini, barihindura ikigirwaho impaka. Abari bahuje idini barifitemo inyungu zimwe bajyaga impaka zitangaje kandi si kenshi utari kumva mu mayira amajwi arimo uburakari y'abigishamategako bahanganye.

Imibereho ya Yesu yari inyuranye n’ibyo. Kuri we nta mpaka z’amahane, nta kwibonekeza mu masengesho; ntacyo yakoreraga kugira ngo bamukomere amashyi. Kristo yari ahishwe mu Mana, kandi Imana yigaragarizaga mu mico y’Umwana wayo. Yesu yifuzaga ko iryo hishurwa rihinduka isomo ry’ibitekerezo by’ishyamba maze rikaba ariryo rihabwa ibyubahiro.

Zuba ryo gukiranuka ntiyahita aboneka mu kurabagirana kwe ku isi ngo ayishyire mu bwiza bwe. Ibyanditswe byerekeye Kristo biravuga bita: “Azatunguka nk’umuseke utambika nta kabuza¹².” Uko niko amanywa aboneka ku isi akirukana umwijima w’ijoro kandi agakangura ab’isi. Uko niko Zuba ryo gukiranuka arasa afite “gukiza mu mababa ye¹³.”

1. Luka 4:32; Matayo 7:29.
2. Yesaya 50:4.
3. Luka 4:34.
4. Mariko 1:27.
5. 1 Timoteyo 4:1.
6. Yohana 8:32; 7:17.
7. Yesaya 27:5.
8. Yesaya 49:24,25.
9. Mariko 1:35.
10. Luka 4:43.
11. Yesaya 42:2-4.
12. Hoseya 6:3. 13. Malakiya 4:2.

*** **

27. USHOBORA KUNKIZA



Mu ndwara zose zizwi n'abantu b'iburasirazuba, ibibembe ni yo yari indwara irushije izindi gutinywa. Kuko itavurwaga kandi ikandura n'ingaruka zayo z'urukozasoni, byatumaga uwihangana cyane ayireba agashya ubwoba. Abayuda bayibonagamo igihano, ku buryo bayitaga «icyorezo», «urutoke rw'Imana». Kubera ukurimbura kwayo gukaze no kuba itarashoboraga kuvurwa ngo ikire irandurwe, ahubwo ikica, babonaga ari ikimenyetso cy'ibyaha.

Amategeko y'imihango yavugaga ko umubembe ahumanye. Umubembe yacibwaga mu bantu, mbese yari yarapfuye ahagaze. Icyo yakoragaho cyose cyabaga gihumanye. Umwuka ubwawo wanduzwaga nuko awuhumekeyemo. Umuntu bakekagaho

iyo ndwara mbi yagombaga kujya kwiyerekaba abatambyi, maze bagazusuma ibye, bagafata icyemezo. Iyo babonaga ko umuze we ari ibibembe, uwo murwayi yatandukanywaga n'abe, agakurwa mu iteraniro ry'abisiraeli; icyabaga kimusigariye kwari ugusanga abandi babembe nka we. Iby'amategeko yasabaga ntibyavuguruzwaga. Abami n'abategeka nabo ntibashoboraga kubikira. Iyo igikomangoma cyafatwaga n'icyo cyago, cyataga inkoni y'ubugabe, kikajyanwa kure ya rubanda rwose¹.

Umubembe yirukanwaga mu babyeyi n'inshuti ze, maze indwara ye igahora imuremereye nk'umuvumo. Yagombaga guhora avuga icyago cye no gushishimura imyenda ye, kandi akabwira abamwegereye ngo bamuhunge kuko yanduye. Ijambo ngo : “Ndahumanye, ndahumanye!” Ryavugwaga n'uwahawe akato, ryari ikimenyetso gitinyitse kandi cyangwa.

Ababembe benshi babaga mu karere Kristo yakoreragamo umurimo we; nuko abo banyabyago bumva baganira iby'imirimo ya Mesiya, maze umucyo w'ibyiringiro urasira kuri ako kaga kabo. Nyamara uherye mu minsi y'umuhanuzi Eliya, nta n'umwe wakize ibibembe, kubw'ibyo bagatinya gutekereza ko Yesu bamutezeho igitangaza na Eliya ubwe atigeze akora. Nyamara ariko hari umubembe wagize kwizera; ariko se uwo muntu waciwe mu bantu yashoboraga ate kugera kuri Yesu, akiyereka Umuvuzi ? Mbese Kristo yari gushaka gukiza uwo muhanya w'umunyabyago usa n'uwananwe n'ijuru? Mbese, aho na we ntiyari kumuciraho iteka nk'uko abaganga n'abafarisayo babigenzaga, maze akamwohera mu kidaturwa? Yatekerezaga ibyo yumvise bavuga kuri Yesu byose. Nta muntu n'umwe wamukeneyeho ubufasha ngo amuheze. Nuko uwo munyabyago yiyemeza kujya gusanga Umukiza. Kujya mu mudugudu ntabwo yari abyemerewe, nicyo cyatumye yibwira ko ahari azahurira na Mesiya mu nzira mu misozi igihe azaba yigisha. Ntabwo yirengagizaga ingorane ziri muri icyo gikorwa. Ariko nta yandi mahitamo yabonaga imbere ye.

Uwo mubembe arangirwa Umukiza wari ushagawe n'inteko y'abantu, aho yigishirizaga iruhande rw'inyanja. Nubwo yari ahagaze kure y'aho Umukiza yigishirizaga, yumvise amwe mu magambo y'Umukiza. Yarebaga arambika ibiganza ku barwayi. Yabonaga impumyi, ibirema n'abacumbagira n'indembe zirwaye indwara z'uburyo bwose zica bahaguruka buzuye imbaraga bashima Imana ko bakize. Nuko na we mu mutima we, ukwizera kwe kurashikama. Aratinyuka, atera intambwe aratambuka. Yibagirwa imigenzo yamuzigaga, umutekano w'inteko iraho, uburyo bwose bamutinye bamubonye. Icyo yatekerezaga rukumbi ni umunezero w'ibyiringiro byo gukira.

Uburyo yasaga byari biteye ubwoba. Indwara yari yaramurangije hose, kandi uburyo ingingo z'umubiri zari zaracikaguritse byari biteye agahinda. Abantu bamubonye baramuhunga ngo atabanduza. Byari urujya n'uruza. Abantu bamwe bagerageza kumwigizayo ngo ategera Yesu, birananirana. Nta wundi yarebaga nta n'uwo yashakaga kumva. Ntiyita ku by'uko batamwishimiye. Uwo yari arangamiye ni Umwe ni Umwana w'Imana. Ijwi yashakaga kumva n'iry'usubiza ubugingo mu benda gupfa. Yigira imbere yegera Yesu apfukama ku birenge bye maze aramutakambira ati : "Mwami washakaga wabasha kunkiza." Arambura ukuboko amukoraho ati : "Ndabishakaga kira."

Muri ako kanya habaho ihinduka ku mubembe, umubiri we wongera kuba muzima. Imitsi ye yongera kumva n'inyama zirakomera. Uruhu rwari rwarabayeye inkamba nk'uko ibibembe biri, rubererekera urworohereye nk'urw'uruhinja.

Yesu amubuza kugenda atangaza igitangaza agiriwe, ahubwo amutegeka kujya mu rusengero yihuse agatanga ituro. Iryo turo ryagombaga kwemerwa gusa, ari uko umutambyi amusuzumye akemeza ko ibibembe byakize. Nubwo abatambyi batari bashimishijwe no gukora uwo murimo, uko biri kose ntibajyaga kwibuza gukora iryo genzura, ngo baryemeze cyangwa barihakane.

Ibyanditswe Byera bishimangira itegeko rya Yesu yari yahaye uwo murwayi wakize ryo guceceka; ariko akamwohereza atajuyaje ngo ajye mu rusengero. Yesu aramubwira ati : “Wirinde ntugire uwo ubwira. Genda wiyereke umutambyi uture n'ituro Mose yategetse, ribabere ikimenyetso cyo kubahamiriza.” Iyo abatambyi baba baremeye ikira ry'uwo mubembe, urwango bagiriraga Yesu ruba rwarabumvishije ko batari mu kuri. Yesu yifuzaga ko uwo muntu ajya kwiyerekana mu rusengero inkuru y'igitangaza cyo gukira kwe itarahagera. Bityo uwo mubembe wakize agafatirwa icyemezo ndakuka cyo gusubira mu be.

Kristo ategeka uwo muntu ngo aceceke, yari afite izindi mpamvu. Umukiza yari azi ko abanzi be bahora bashaka igihe cyose gukoma mu nkokora umurimo we no kumutandukanya na rubanda. Yari azi ko igihe iyo nkuru yo gukira k'uwo mubembe izakwirakwizwa, abandi barwayi nka we bazaza kumusanga ari benshi; bityo bagakwiza inkuru ko rubanda rwose rwanujwe no guhura n'abantu banduye. Uguhumanuka kw'ababembe benshi ntikubere umugisha bene guhumanuka cyangwa se abandi. Kwireherezaho ababembe byari gusa naho bihaye impamvu abamurega ko ari kvanaho uruzitiro rwashyizweho n'amategeko y'imihango. Ibyo rero byajyaga kubera inzitizi kwigisha ubutumwa bwiza. Ibyakorwaga byahamije Yesu ko avuga iby'ukuri. Abantu benshi biboneye umubembe akira, bategerezanya amatsiko icyemezo cy'abatambyi. Igihe uwo muntu asubiye mu muryango we no mu nshuti ze habaho imivurungano myinshi. Nubwo Yesu yari yamubujije gusakuza, uwo muntu ntiyashoboye guhisha uburyo yakize. Birumvikana ko byari bikomeye kubihisha, ariko umubembe we yabikwiye ahamukikije hose. Yatekerezaga ko kwiyoroshya kwa Yesu ari ko kwamuteye kumubuza kumwamamaza, nuko agenda yamamaza ubushobozi bw'Umuganga Mukuru.

Ntiyiyumvishaga ko imvugo nk'iyoyajyaga gutera abatambyi n'abakuru gufata icyemezo gihutiyeho cyo gushaka kwica Yesu. Umuntu wari wakijijwe uburwayi bwe yumvaga ko kugarurwamo amagara mazima ari impano itangaje. Anejewe nuko yongeye kuba muzima akagarurwa mu muryango we ndetse no mu nshuti ze, ntiyashobora kwiyumanganya ngo adaha icyubahiro umuganga wamukijije. Mu gukora atyo yarimo gutera inkunga gukoma mu nkokora umurimo wa Yesu. Ibyo byamureherejeho abantu benshi, bituma Yesu ahagarika imirimo ye.

Buri kimwe mu bikorwa bya Kristo cyabaga gifite ubusobanuro burebure buruta uko umuntu yabasha kubyibwira. Uko niko byagendekeye uwari umubembe. Mu gihe Yesu yafashaga ababaga baje aho ari, ni nako yabaga yifuza cyane guha umugisha n'ababaga bataje. Uko yireherezaho abakoresha b'ikoro, abapagani n'abasamaliya, niko yifuzaga no kubona abatambyi n'abigishamategeko, kuko bari barabaye imbata z'imihango n'ibyo bibwira. Nta buryo na bumwe yirengagije kugira ngo abagereho. Mu kohereza uwari umubembe ku batambyi, Yesu yashakaga kubaha igihamba ngo bawe mu byo bibwira.

Abafarisayo bavugaga ko inyigisho za Kristo zirwanya amategeko Imana yahaye Mose; na we akuraho icyo kinyoma igihe yategekaga umubembe kuja kwihumanura atanga ituro nk'uko amategeko abivuga. Icyo gihamba cyari gihagije, iyo baza kuba bashaka kwemera kumva.

Abatware bari bohereje abatasi i Yerusalemu kugira ngo bashake urwitwazo rwo kubona uko bica Yesu. Igisubizo cy'e kibagaragariza urukundo yakundaga ab'isi, agakunda amategeko n'ubushobozi bwo gukiza abantu ibyaha n'urupfu. Kandi ubuhamba yatanze kuri bo ni ubu ngo : “Ku neza nabagiriye banyituye inabi, ku rukundo banyituye urwango².” Mu cyigisho cy'e cyo ku musozi yatanze iri tegeko ngo : “Mukunde abanzi banyu”. Noneho ubu atanga urugero rwo “kutitura inabi umuntu yagiriwe no kutihorera ku gitutsi umuntu bamututse,” ahubwo akamusabira umugisha³.

Abatambyi bari baciriyeho iteka umubembe maze bakamwohera; ni bo bahamije ko agarutse akize. Iteka ryabo ryaciriwe mu ruhamwe rikandikwa, ryakomeje guhamba ibyiza bya Yesu. Naho umubembe wakize akemererwa kugaruka mu iteraniro ry'abisiraeli bimaze kwemezwa n'abatambyi ko nta

kimenyetso cy'uburwayi kimurangwaho, yabaye umugabo wo guhamya ukugira neza kwa Yesu. N'umunezero mwinshi, yagiye mu rusengero gutanga ituro rye, kandi agenda ahimbaza izina rya Yesu. Abatambyi bemeye imbaraga ikomeye y'Umukiza. Akanya kari gatanzwe ngo bahabwe kumenya ukuri no kwishimira umucyo. Nibanga umucyo, uzabahunga by'iteka ryose. Umucyo wanzwe n'abantu benshi; ariko ntabwo wamurikiye ubusa kuko imitima myinshi wayigezemo nubwo itari yakabyerekana. Mu gihe Umukiza yari hano ku isi, ubutumwa bwe ntibwemewe cyane mu batambyi no mu bigishamategeko. Ariko nyuma yuko azamuka mu ijuru, "inteko nini y'abatambyi bumvira uko kwizera⁴".

Mu guhumanura umubembe indwara iteye ubwoba, Kristo yari ahaye ipica umurimo we; icyo gikorwa cyari icyo kweza abantu ibicumuro byabo. Uwasanze Yesu yari afite ibibembe. Uburozi bwica bwari bwarigaruriye umubiri we. Abigishwa bari bagerageje kubuza Umwigisha wabo ngo atamukoraho; kuko uwakoraga ku mubembe yabaga ahumanye. Ntabwo Yesu yigeze ahumanywa n'icyo aricyo cyose, ahubwo uwo yakoragaho wese yamuhaga imbaraga itera ubugingo: umubembe na we arakira. Uko niko bigenda no ku bibembe by'ibyaha, byashinze imizi kandi birica kandi ntibibasha gukizwa n'uburyo ubwo ari bwo bwose bwa kimuntu. "Umutwe wose urarwaye, umutima wose urarabye. Uhereye mu bworo bw'ikirenge ukageza mu mutwe nta hazima, ahubwo ni inguma n'imibyimba n'ibisebe binuka bitigeze gukandwa cyangwa gupfukwa⁵." Yesu yaje gutura mu bantu, nyamara nta kimwanduza. Kuba muri bo bitera abanyabyaha gukira. Umuntu wese upfukamyeye ku birenge bye kubwo kwizera akamubwira ati: "Mwami washaka wabasha kunkiza," aramusubiza ati "Ndabishaka kira!"

Ntabwo igihe cyose Yesu yagiye akiza ako kanya abantu babimusabye. Ariko umubembe yahise agirirwa ubuntu akibisaba. Igihe dusabye iby'iyi si dushobora gutegereza igihe runaka igisubizo cy'isengesho ryacu, ndetse birashoboka ko Imana itadusubiza neza neza nk'uko twasabye; nyamara siko bigenda iyo dusabye gukizwa ibyaha. Kuko igihe cyose Yesu yifuza kutwezaho ibyaha ngo atugire abana be, no kubaho mu buryo buboneye. Kristo "yatanze ubugingo bwe kubw'ibicumuro byacu kugira ngo adukure muri iki gihe kibi cy'ubugoryi nk'uko Imana Data wa twese yabishatse." "Kandi iki nicyo kidutera gutinyuka imbere ye, ni uko atwumva, iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka. Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi nuko duhawe ibyo dusabye." "Ariko

nitwatura ibyaha byacu ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byaco no kutwezaho gukiranirwa kose⁶.”

Yesu yigishije uko kuri, igihe yakizaga ikirema cy’i Kaperinawumu. icyo gitangaza cyari icyo kugaragaza ko afite ubushobozi bwo kubabarira abantu ibyaha. Gukira kw’icyo kirema kwari gufite ukundi kuri kwinshi kwihishemo. Ni isoko y’ibyiringiro no gukomezwa. Gutanga umuburo ku byo abafarisayo bigisha.

Nk’uko byari byaragendekeye urya mubembe, icyo kirema nta byiringiro na bike cyari gifite byo gukira. Uburwayi bwacyo bwari ingaruka z’imibereho yacyo y’ibyaha, nuko umubabaro ukarushaho kwiyongera, kubwo gutekereza kuri izo ngaruka. Mbere hose icyo kirema cyajyaga kibwira abafarisayo ndetse n’abaganga ibyacyo, cyiringiye kworoherezwa umubabaro wacyo wo ku mubiri n’uwo mu by’umwuka. Abo bantu bakavuga ko nta kundi byabonerwa umuti, ni ukumureka kuko umujinya w’Imana wamugezeho. Abafarisayo babonaga ko ingorane ari ikigaragaza ko ijuru ritakwishimira, maze bakagendera kure abarwayi, n’ababakeneyeho ubufasha. Nyamara nubwo bo ubwabo biyitiriraga uko kwera kungana gutyo, akenshi wasangaga aribo banyabyaha kurusha ba banyabyago baciragaho iteka.

Icyo kirema cyari mu bwihebe nta byiringiro na bike gifite, nticyabonaga aho ubutabazi bwaturuka. Nuko yumva bavuga imirimo itangaza ya Yesu. Bakibwira ko abandi baciriweho iteka n’indembe nka cyo bakize ko ndetse n’abanyabibembe bakira. Inshuti zamubwiye izo nkuru, zimutera ibyiringiro yuko na we ubwe aramutse asanze Yesu yakira. Ariko yakwibuka impamvu zazanye uburwayi bwe, ibyiringiro bye byose bikayoyoka. Yatinye ko ahari uwo Muganga wera yaba atanifuza kumubona imbere ye.

Ariko uyu muntu icyo yifuzaga cyane si ugukira k’umubiri, ahubwo ni ukubona imbabazi z’ibyaha bye. Yumvaga ko icyamubera cyiza ari uko yakwibonera Yesu akamwizeza ko abonye imbabazi, akibonera amahoro y’ijuru, maze akaba yiteguye kubaho cyangwa se gupfa uko Imana yabishaka ! Uwendaga gupfa aniha agira ati: « Oh! Iyaba gusa nari mpfuye kumubona ! » Nta gihe cyo gupfusha ubusa yari afite : umubiri we washize, werekanaga ibimenyetso byo

kwangirika. Yinginga inshuti ze ngo zimuheke ku buriri bwe ngo zimushyire Yesu, izo nshuti zibyemera zibikunze. Abantu bari begeranye cyane mu nzu n'impande zayo zose, ku buryo uwo murwayi n'izo nshuti ze, uretse no kubasha kugera kuri Yesu batanamwumvaga avuga.

Yesu yigishirizaga mu nzu ya Petero. Nk'uko byari umuco wabo, abigishwa bari bicaye iruhande rwe. Abafarisayo n'abigishamategeko bari baturutse mu birorero by'i Galilaya, i Buyuda n'i Yerusalemu, bafite umugambi wo kugenzura Yesu ngo babone impamvu zo kumurega. Uretse abo bantu, inteko y'abari aho bose ni abamushakanaga umwete, abifuza gukira, abandi ari abanyamatsiko baje kwirebera n'abashidikanya. Aho hari intumwa zavuye mu mahanga atari amwe, no mu nzego zose n'imiryango yose, kandi «imbaraga y'Imana yigaragarizaga muri abo bari mu gukira indwara zabo. Umwuka w'ubugingo wagenda muri iyo nteko, nyamara abafarisayo n'abigishamategeko ntibabonaga ko uhari. Ntibiyumvagamo ko hari icyo bakeneye, ni yo mpamvu nta wo muri bo wakize. «Abashonje yabahagije ibyiza», naho «abakire yabasezereye amara masa⁷.»

Abahetse ikirema bagerageza gushaka inzira mu bantu biba iby'ubusa. Umurwayi na we yarebanaga agahinda kenshi ahamuzengurutse. None se abure ibyiringiro igihe agakiza yategereje igihe kirekire kari kamuri hafi? Agira inama abahetsi kumunyaza hejuru y'inzu. Batobora igisenge bamumanurira ku birenge bya Yesu, bamunyujije mu mwenge. Ikiganiro kirahagarara. Umukiza yitegerezanya umubabaro uwo muntu wamuhanze amaso asaba gukira. Ahita amwumva, kuko n'ubundi ari we wari wareheje uwo mutima ubabaye kandi wari waramazwe no gushidikanya. Igihe icyo kirema cyari kikiri imuhira, Umukiza yari yavuganye n'umutimanama wacyo. Igihe cyihanaga ibyaha byacyo kikizera imbaraga ya Yesu yagikiza, Umukiza yari yaratangiye kuminjagira ubuntu bukiza muri uwo mutima wari usonzeye agakiza. Yesu yari yabonye umucyo muto utangira kugaragara muri uwo mugabo. Yari yitegereje uburyo kwizera kwe kwiyongera, kandi akamwishingikirizaho nk'ibyiringiro rukumbi by'umunyabyaha. Umukiza yarebaga uburyo uko kwizera kugenda gukomera kuri buri ntambwe nshya kugira ngo ashobore kugera imbere ye.

Nuko Umukiza aravuga, amagambo ye agera mu matwi ya cya kirema ameze nk'indirimbo ihebuje agira ati : «Mwana wanjye, ibyaha byawe urabibabariwe.» Nuko umutima we wururutsa umutwaro w'ubwihebe wari

umurimo, amahoro n'imbabazi bitaha muri we, maze yongera kurabagiranira mu maso he. Uburibwe bwe burashira, umubiri we wose uhindurwa mushya. Ikirema kirakira ! Umunyabyaha arababarirwa !

Mu kwizera koroheje yemera amagambo ya Yesu nk'isezerano ry'ubugingo bushya. Nta kindi yasabye kuko yari afite ishimwe ry'ubuntu butarondoreka yagiriwe. Umucyo w'ijuru umurika mu maso he, maze abamurebaga bose, bafatwa n'ubwoba. Abigishamategako bari bategerezanyije amatsiko ngo barebe icyo Yesu ari bukore. Bibukaga uko uwo murwayi yajyaga abaka ubufasha n'uburyo bamwimye ibyiringiro byose, haba ngo bamugirire n'impuhwe. Ndetse bajyaga batangaza ko yagezweho n'umuvumo w'Imana kubw'ibyaha bye. Kureba icyo kirema, bibutse ibyo bintu, babona uburyo abantu bose bari aho bamureba bamwitayeho, nuko baterwa ubwoba no kwibwira ko bagiye guta agaciro n'icyubahiro rubanda rwose rwari rubafitiye.

Nta jambo bavuze, abo bategetsi basoma mu maso ha buri wese muri bo ibitekerezo bimwe, babonye ko hakwiriye kugira ikintu gikorwa ngo bahagarike uwo munezero. Yesu yari amaze kuvuga ko ibyaha by'icyo kirema kibibabariwe. Abafarisayo bifashisha ayo magambo, bavuga ko ari ugutuka Imana, maze batekereza kuyagaragaza nk'icyaha gikwiriye kumwicisha. Bibwiraga mu mitima yabo, bati : «Arigereraniye. Ni nde ushobora kubabarira ibyaha, uretse Imana yonyine?»

Indoro ya Yesu ituma abo bagabo basubira inyuma. Arababaza ati «Muriburanya iki mu mitima yanyu. Icyoroshye ni iki, ni ukuvuga nti : ibyaha byawe urabibabariwe? Cyangwa nti byuka ugende ? Ariko mumenye ko Umwana w'umuntu afite ubutware mu isi bwo kubabarira abantu ibyaha byabo. Abwira icyo kirema ati: «Ndagutegetse, byuka wikorere ingobyi yawe utahye.» Nuko uwo bari bazaniye Yesu mu ngobyi arabaduka asubizwamo imbaraga zo mu busore. Amaraso atanga ubugingo agendagenda mu mitsi ye; buri rugingo rwose rw'umubiri rwongera gukora umurimo warwo. Mu maso hari harabayeho nk'ah'intumbi hagarura ubuyanja. «Muri ako kanya abyuka imbere yabo, yikorera ingobyi yari aryamyemo, ataha ahimbaza Imana. Bose barumirwa, bahimbaza Imana, baterwa n'ubwoba bati: Uyu munsu wa none tubonye ibidutangaza!»

Mbega urukundo rutangaje rwa Kristo ruca bugufi rugakiza umunyabyaha n'umunyamubabaro! Imana yita ku bantu bashavura maze ikabahoza. Mbega imbaraga itangaje yashyiriweho gufasha abana b'abantu. Ni nde uzongera gushidikanya ubutumwa bw'agakiza? Ni nde utazashaka kumenya ubuntu bw'Umucunguzi w'umunyampuhwe?

S.4. mu mubiri wari wononekaye. Ijwi ryari ryarahaye ubugingo umuntu wakuwe mu mukungugu, ni ryo ryari rimaze gushyira ubugingo mu kirema cya nyagupfa. Iyo mbaraga yari yarashyize ubugingo mu mubiri ni na yo yaremye umutima mushya. Mu irema, uwari waravuze bikaba, yategeka bigakomera⁸, ni we ubwe wavuze amagambo y'ubugingo, abwira umutima wari wishwe n'ibicumuro n'ibyaha byawo. Gukira k'umubiri, kwerekanye imbaraga yagize umutima mushya. Kristo yategetse ikirema guhaguruka kikagenda aravuga ati: “ariko mumenye ko Umwana w'umuntu afite ubutware mu isi bwo kubabarira abantu ibyaha.”

Ikirema cyaboneye muri Yesu agakiza k'ubugingo n'ak'umubiri. Ugukira kw'iby'umwuka kwakurikiwe no guhagarara akema. Isomo nk'iri ntirikwiriye guceceka. Mu gihe cya none, hariho abantu ibihumbi byinshi barembejwe n'ubumuga butagira ingano, bifuza kumva ubu butumwa ngo : «Ibyaha byawe urabibabariwe.» Umutwaro w'ibyaha bijyana n'ubwihebe no kutanyurwa, ni impamvu z'indwara zabo. Aho bashobora kubona ikibahumuriza ni mu kwegera Umuvuzi w'imitima. Amahoro atangwa nawe gusa ni yo ashobora kugarura imbaraga mu bwenge, maze agaha umubiri amagara mazima.

Yesu «yerekaniwe kugira ngo atsembeho imirimo y'umubi.» «Muri we harimo ubugingo.» Kandi yaravuze ati : “Nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo ndetse ngo zibone bwinshi.” “Ni umwuka utanga ubugingo⁹.” No muri iki gihe nabwo aracyafite ubwo bushobozi bwo gutanga ubugingo nk'uko yabigiraga akiri hano ku isi, ubwo yakizaga abarwayi n'abanyabyaha, akabemerera imbabazi “ Niwe ubabarira ibyo wakiraniwe byose, agakiza indwara za we zose¹⁰.”

Abari bari aho ikirema cyakiriye, bisa naho ijuru ryabakingukiye kugira ngo bahishurirwe ubwiza bw'isi iruta izindi. Igihe uwo muntu wari umaze gukira yagendagenda mu bantu, ashima Imana kuri buri ntambwe yose yateraga kandi yikoreye umutwaro we anezerewe, rubanda rwose rwafashwe n'ubwoba rukamuha

akayira ngo atambuke. Buri wese yabwiraga mugenzi we ati : “Uyu munsu twabonye ibintu bitangaje!”

Abafarisayo batangaye kandi bumiwe, babonye ko umwanya wo gutera rubanda kwivumbagatanya bawubuze, nicyo cyabateye kwiyumvamo ko batsinzwe. Abigishamategako bari batsinzwe, kuko umurimo utangaje wari umaze gukorerwa uwo muntu bahoraga baciraho iteka bavuga ko umujinya w’Imana uhora kuri we, wari wateye rubanda gutangara. Abo bigisha b’abahanga basobanukirwa ko muri Kristo harimo imbaraga bemeraga ko ifitwe n’Imana yonyine. Basigara bakozwe n’isoni bamwaye, nubwo batashakaga kubihamya bumvise ko muri bo harimo ikizima kiruta ibindi haba mu cyubahiro no kwicisha bugufi bikaba bihabanye n’imyifatire yabo y’ubwirasi. Uko byagaragaraga ko Yesu yari afite ubushobozi bwo kubababarira ibyaha hano ku isi, niko bakomezaga kwigumira mu kutizera no kwirangira kwabo. Basohoka mu nzu ya Simoni aho icyo kirema cyari cyakiriye bajya gutegura ubundi bugamije bushya, bagambiriye gucecekesha Umwana w’Imana.

Indwara z’umubiri zirusha izindi kuba mbi ndetse z’umwaku, kubw’imbaraga ya Kristo ziranesheka; ariko indwara y’umutima irushaho kugaragara yuko itumva umuti, iyo uyirwaye ahumiriza amaso ye ngo atareba Umucyo. Ibibembe n’uburema ntabwo ari byo byo gutinywa nko gukabya mu myizerere no kutizera.

Habaho umunezero utavugwa mu nzu ya cya kirema, igihe yari agarutse mu be amaze gukira yiyikorereye uburiri bwe, ubwo bari bamuhetseho mu kanya gato kari gashize. Nuko bamuzenguruka babogoza amarira menshi y’ibyishimo, ntibashobora kwemera ko ari we. Yari ahagaze imbere yabo afite amagara mazima, amaboko ye ataranyeganyegaga, noneho babonaga ashobora gukora icyo ayakoresheje cyose. Umubiri we wari warahindutse ibibaravu, wari wabaye muzima, kandi amaraso atembera mu mitsi neza. Yarashinguraga agatera intambwe ihamije. Ingingo ze zose zagaragazaga umunezero n’ibyiringiro, ibimenyetso by’ibyaha n’umubabaro byari byasimbuwe no kubonera ndetse n’amahoro. Ibikorwa binejeje by’ubuntu bw’Imana byumvikanaga muri iyo nzu, kandi Imana ihimbazwa ku bw’Umwana wayo wari wagaruye ibyiringiro mu muntu wihebye, akagarura imbaraga mu wahoze ari impezamajyo. Uwo muntu yari yiteguye gutanga

Yesu Kristo

ubugingo bwe kubwa Yesu, kimwe n'abo mu muryango we bose. Nta gushidikanya kwajyaga guhungabanya ukwizera kwe, cyangwa ngo gukome mu nkokora ubudahemuka bwabo ku wari wazanye umucyo mu muryango wabo wahoze ucuze umwijima.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 8:24; 9:1-8,32-34; Mariko 1:40-45; 2:1-12; Luka 5:12-28.
2. Zaburi 109:5.
3. Matayo 5:44; 1 Petero 3:9. 4. Ibyakozwe n'intumwa 6:7.
5. Yesaya 1:5,6.
6. Abagalatiya 1:4; 1 Yohana 5:14,15; 1:9.
7. Luka 1:53.
8. Zaburi 33:9.
9. 1 Yohana 3:8; Jean 1:4; 10:10; 1 Abakorinto 15:45.
10. Zaburi 103:3.

*** *** ***

28. LEWI MATAYO



Mu bakozi bose b'abaroma babaga muri Palestina, nta n'umwe wari wanzwe nk'abakoresha b'ikoro. Kuba umusoro watangwaga warashyikirizwaga ubutegetsu bw'abanyamahanga, ibyo byahoraga ari ikintu kirakaza abayuda. icyo cyari igikorwa cyahoraga kibibutsa ko nta bwigenge bafite. Abakoresha b'ikoro ntabwo bari ibikoreshe by'ubutware bw'igitugu gusa, ahubwo banakungahazwaga no kwiba rubanda. Umuyuda wemeraga uyu murimo awuhawe n'abaroma, yabarwaga nk'umugambanyi wanga igihugu cyamubyaye. Bamusuzuguraga nk'umuhakanyi, maze mu bandi bakamuha umwanya w'inyuma.

Lewi Matayo yari uwo muri urwo rwego, nyamara yabaye uwa mbere mu gutoranyirizwa umurimo wa Kristo akurikira abigishwa bane b'i Genezareti. Mu gihe abafarisayo baciraga Matayo urubanza bakurikije umurimo akora, Yesu we yabonaga ari umuntu ufite umutima witeguye kwakira ukuri. Matayo yari yarumvise ibyigisho bya Yesu. Amaze kwemezwa n'Umwuka wera, ko ari umunyabyaha, yifuje gutabarwa na Kristo; ariko kuko yari amenyereye ko abigishamategeko bamuheza, ntiyigeze atekereza na rimwe ko Umwigisha mukuru yashobora kumwitaho¹.

Umunsi umwe yiyicariye ku ntebe ye, abona Yesu aza amusanga, atangazwa cyane no kumva amubwiye ngo : “Nkurikira.”

“Arahaguruka aramukurikira.” Ntabwo Matayo yagize igitekerezo ko ataye umwanya umuhesha inyungu, akawugurana ubukene ndetse n'umuruho. Kubana na Yesu byari bimuhagije, yumva amagambo ye kandi amukorera.

Abigishwa bahamagawe mbere, bari bakoze nka we. Igihe Yesu yategekaga Petero na bagenzi be ngo bamukurikire bahise ako kanya basiga amato yabo n'inshundura zabo. Bamwe muri abo bigishwa bari bafite inshuti n'abavandimwe batunze nabo, nyamara ntibatindiganije kwitaba irarika ry'Umukiza batamubajije ngo: ese nzabaho nte kandi nzita ku muryango wanjye nte ? Bakiriye umuhamagaro we. Nyuma ubwo Yesu yababazaga ati : “Ubwo nabatumaga mudafite impago cyangwa imvumba cyangwa inkweto, mbese hari icyo mwakennye?” Baramusubiza bati : “Ntacyo²”.

Umukungu Matayo na Andereya na Petero b'abakene, bose babajijwe kimwe, maze bose batanga icyitegererezo kimwe cyo kwitanga. Igihe ibintu byari bimeze neza, inshundura zuzuye amafi menshi, Yesu agasaba abigishwa bari mu bwato gusiga byose maze bakamukurikira kubw'ubutumwa bwiza, uwo muhamagaro wari ukomeye. Buri muntu wese ahura n'ikigeragezo cyo muri ubwo buryo, akwiriye kugaragaza ko ahisemo gusabana na Kristo, akabirutisha iby'iyi si bishira. ».

Iteka ryose amahame afite amategeko yayo ayagenga. Mu murimo w'Imana, umuntu ntabasha kunesha niba umutima we wose atawushyize mu murimo, niba atabonye ko ibintu byose ari igihombo abigereranyije n'ibyiza byo kumenya Kristo. Umuntu ukora yirondereza ntazamenya kuba umwigishwa wa Kristo cyangwa ngo abe umwe mu bafasha be. Umutima wo kwitanga wari muri Kristo, uzagaragara mu bantu bishimira agakiza gakomeye. Bazahora biteguye gukurikira Yesu aho ajya hose.

Ubwo Matayo yahamagarirwaga kuba umwe mu bigishwa ba Kristo, hariho abo byababajwe. Gutoranya umukoresha w'ikoro ngo abe umufasha mu murimo ku mwigisha w'iby'idini, kwari ugutuka imihango y'idini n'iy'imibanire n'iyi mu rwego rw'igihugu. Abafarisayo bizeraga ko bazakura igikundiye cya rubanda kuri Yesu, berekana ko ahamagara abadashimwa.

Ibiri amambu abakoresha b'ikoro byarabashimishije cyane. Imitima yabo ireherezwa kuri uwo Mwigisha wavuye mu ijuru. Matayo ashimishijwe nuko abaye umwigishwa, yifuza kumuhuza n'abahoze ari bagenzi be mu murimo. Nuko ategura umunsi mukuru iwe atumira abavandimwe be n'inshuti ze. Uretse abakoresha

b'ikoro, muri ibyo birori harimo abantu bafite imibereho mibi, abo abaturanyi babo bishongora bigizaga kure.

Uwo muni mukuru yawukoreye Yesu, nawe yakira ubutumire anezerewe, nubwo yari azi ko bizababaza abafarisayo, ibyo bigatuma benshi batamusobanukirwa. Ibitekerezo nk'ibyo ntabwo byari ibyo kumubuza kujya yo. Ntabwo yitaye ku byo bazamuvugaho. icyari mu mutima we kwari ugutekereza ku mitima ifitiye inyota amazi y'ubugingo.

Yesu yabaye umushyitsi w'icyubahiro ku meza y'uwo mukoresha w'ikoro ; kubw'impuhwe n'ineza ye, yerekanye icyubahiro agirira bene muntu bose; maze na bo bifuzaga kumwereka ko bamufitiye icyizere. Amagambo ye yinjiraga mu mitima ifite inyota ari imbaraga nziza itanga ubugingo. Yatumye bongera kurushaho kumwifuzaga; maze abo bantu bari barabaye ibicibwa babona imbere yabo huguruwe imibereho mishya.

Mu bihe bimeze nk'ibyo abantu benshi batangazwaga n'ibyigisho by'Umukiza, ariko baza kumumenya nyuma yuko asubiye mu ijuru. Ubwo Umwuka wera wasukwaga mu bantu ibihumbi bitatu byihanywe mu muni umwe, harimo benshi bumvise bwa mbere ukuri bari ku meza y'abakoresha b'ikoro, kandi bamwe muri bo baje kuba intumwa z'ubutumwa bwiza. Matayo ntiyigeze yibagirwa na rimwe icyitegererezo Yesu yatanze muri uwo muni mukuru. Umukoresha w'ikoro wari insuzugurwa, yaje guhinduka umwe mu babwiriza butumwa b'abanyamwete cyane kandi mu murimo we yageze ikirenge mu cy'Umwigisha we adakebakeba.

Abigishamategeko, bamenye ko Yesu yagiye mu muni mukuru kwa Matayo baba babonye impamvu zo kumurega. Kugira ngo babigereho bashatse kwifashisha abigishwa. Bibwiraga ko bazabatandukanya n'Umwigisha wabo, babateyemo gushidikanya. Umutege wabo wari uwo kurega Kristo ku bigishwa be, maze ibyo bakajya babimwinubira kugira ngo bimutere kubabara. Ubwo nibwo buriganya satani yahereye kera akoresha igihe umutima we watandukanaga n'ijuru; umuntu wese uzana amacakubiri n'urwango aba ayobowe n'uwo mwuka.

Abigishamategeko buzuye ishyari ryinshi barabaza bati : “Kuki umwigisha wanyu asangira n’abakoresha b’ikoro n’abanyabyaha?”

Yesu atiriwe ategereza igisubizo cy’abigishwa be, ubwe acyaha ikirego cyabo muri aya magambo ngo : “Abazima sibo bakeneye umuvuzi keretse abarwayi. Ariko nimugende mwise uko iri jambo rivuga ngo : icyo nkunda ni imbabazi si ibitambo. Sinazanywe no guhamagara abakiranutsi keretse abanyabyaha.” Abafarisayo birataga ko ari bazima mu by’umwuka kandi ko kubw’iby, badakeneye umuvuzi, mu gihe abakoresha b’ikoro n’abapagane bo kubw’abafarisayo bari baragenewe kurimbuka kubera indwara z’imitima yabo. None se umurimo we w’ubuvuzi ntiwamuhatiraga kuzanira ubufasha abantu nk’abo?

Abafarisayo kuko biyemeraga cyane, mu by’ukuri bari mu kaga karuta ak’abo bakerensaga. Abakoresha b’ikoro ntibakabyaga cyane, ntabwo biyizeraga bikabije; bo rero imitima yabo yari irushijeho kugururirwa ukuri. Yesu abwira abigishamategeko ati : “Nimugende mwise uko iri jambo risobanurwa ngo icyo nkunda ni imbabazi si ibitambo.” Ibyo bishatse kuvuga ko nubwo bigishaga Ijambo ry’Imana, ntabwo ryari mu mitima yabo.

Abafarisayo babonye ko muri ako kanya bazibwe iminwa, urwango rwabo rurushaho gushimangirwa. Noneho basanga abigishwa ba Yohana bashaka kubatera kurwanya Umukiza. Abo bafarisayo ntabwo bari barafatanije na Yohana Umubatiza. Bajyaga bamuseka kubwo kwirinda kwe mu mico ye yoroheje ndetse n’imyambarire ye idashimishije; ndetse bamuregaga ko akabya. Kuko yajyaga acyaha uburyarya bwabo, baramurwanije ndetse bamuteza rubanda. Umwuka w’Imana yajyaga akorera mu mitima y’abo bakobanyi akabemeza ibyaha byabo; nyamara banze inama y’Imana, bavuga ko Yohana afite daimoni.

Nuko Yesu aje abana na rubanda rwose, aya kandi agasangira nabo, bamurega ubusambo n’ubusinzi. Abashinjaga Yesu izo ngeso mbi, ahubwo ni bo zari zarabase. Uko niko satani abeshyera Imana kandi akayitwerera imico ye mibi, niko n’intumwa z’Uwiteka zabeshyewe n’abo bagome.

Abafarisayo ntibashatse kwemera ko Yesu asangira n’abakoresha b’ikoro n’abanyabyaha kugira ngo azanire umucyo w’ijuru abari bicaye mu mwijima. Banze

kumva ko buri jambo ryose riva mu kanwa k'Umwigisha wavuye mu ijuru ryari imbuto nzima yagenewe kumera kandi ikera icyubahiro cy'Imana. Biyemeje kurwanya umucyo mu gihe barwanyaga umurimo wa Yohana Umubatiza, none barashaka ubucuti ku bigishwa kugira ngo babagire ibikoresho byo kurwanya Kristo. Baregaga Yesu ko arwanya imihango ya kera, bityo bakagaragaza itandukaniro riri hagati yo kwera kwa Yohana Umubatiza na Yesu ujya mu birori by'abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha.

Muri icyo gihe mbere yuko abigishwa ba Yohana Umubatiza bashyira Yesu ubutumwa, bari barashavuye cyane. Umwigisha wabo bakundaga cyane yari yaragiye mu nzu y'imbohe, bari bibereye mu gahinda. Yesu ntacyo yakoraga ngo abohoze Yohana, byasaga naho atitaye ku nyigisho ze. Niba Yohana yaratumwe n'Imana byashoboka bite ko Yesu n'abigishwa be bamera nk'abatabyitayeho?

Abigishwa ba Yohana kuko batari basobanukiwe neza n'umurimo wa Kristo, bibazaga niba ibirego by'abafarisayo bidafite ishingiro. Bakomezaga cyane amategeko yashyizweho n'abigishamategeko kandi bageraga ubwo bizera ko bashobora gukizwa n'imirimo yabo. Abayuda biyirizaga ubusa bakabiha agaciro gakomeye cyane, abarusha abandi umwete biyirizaga ubusa kabiri mu cyumweru. Abafarisayo n'abigishwa ba Yohana bari biyirije ubwo bamubazaga ngo "Ni iki gituma twabwira n'abafarisayo twiyiriza ubusa kenshi, nyamara abigishwa bawe ntibiyirize ubusa?"

Yesu abasubizanya impuhwe nyinshi adashatse gukosora imyumvire yabo mibi bari bafite kubwo kwiyiriza, yari ashimishijwe gusa no kubaha igitekerezo cy'ukuri k'umurimo wamuzanye. Kugira ngo abigereho yifashishije ipica Yohana Umubatiza yakoresheje ahamya Yesu. Yohana yari yaravuze ati : "Uwo umugeni asanga ni we mukwe, kandi umuranga iyo ahagaze iruhande rw'umukwe, amwumva anezerewe n'ijwi rye, none uwo munezero wanjye mwinshi cyane urasohoye³." Abigishwa ba Yohana ntibashoboraga kwibuza kwibuka amagambo y'umwigisha wabo, mu gihe yari yongeye kubagaruramo ipica yayo akababaza ati : "Mbese abasangwa bashobora kugira agahinda bakiri kumwe n'umukwe?"

Igikomangoma cy'ijuru cyari mu be; Imana yari yarahaye ab'isi impano y'agahozo. Umunezero ku bakene abo Yesu yari agiye kugira abaragwa b'ubwami bwe. Umunezero ku batunzi abo yari agiye kwigisha uburyo bwo kwakira ubutunzi bw'iteka. Umunezero ku baswa kuko yari agiye kubahindura abanyabwenge abo yari agiye guhishurira ubwiru butamenyekana: ni ukuvuga ukuri kwahishwe, uhereye ku kuremwa kw'isi, maze ku iherezo kugahishurirwa abantu, bikozwe n'umurimo w'Umukiza.

Yohana umubatiza yaranezerewe ubwo yabonaga Umukiza. Mbega uburyo abigishwa be bagombaga kugira umunezero mwinshi, ubwo bari bagize amahirwe yo kugendana no kuganira n'igikomangoma cy'ijuru? Ntabwo igihe cyabo cyari cyakagera cyo kugira umubabaro n'agahinda no kwiyiriza ubusa. Bagombaga kugururira imitima yabo umucyo w'ubwiza bwe, kugira ngo bazashobore gukwiza umucyo mu bari bicaye mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu.

Iyi pica itangaje cyane, yagaragajwe n'amagambo ya Kristo. Yari ikingirijwe n'umwijima mwinshi washoboraga gusa kurebwa n'ijisho rye ryonyine rifite ubushobozi bwo kugenzura byose. Yarababwiye ati : “Iminsi izaza ubwo umukwe azabavanwamo, nibwo baziiriza ubusa.” Abigishwa bajyaga kubona umwanya wo kwiyiriza ubusa no kugira agahinda, umunsi bari kubona Umwami wabo agambaniwe akanabambwa. Yajyaga kubabwira amagambo ye aheruka mu cyumba cyo hejuru ngo : “Hasigaye igihe gito ntimumbone, maze hazabaho ikindi gihe gito mumbone. Ni ukuri ni ukuri ndababwira ko mwebwe muzarira kandi muboroge, ariko ab'isi bazanezerwa. Mwebwe ho muzababara, ariko umubabaro wanyu uzahinduka umunezero⁴⁹”.

Umubabaro wabo wari kuzahinduka umunezero igihe azaba asohotse mu gituro. Nubwo atari ahari nyuma yo kuzamuka kwe, yajyaga kugumana na bo kubw'umufasha yari agiye kuboherereza, ku buryo batari kumara igihe cyabo biganyira, akaba aribyo satani yashakaga kugira ngo agaragarize ab'isi ko babeshywe none bakaba batereranywe; bagombaga kurebana kwizera ubuturo bwera bwo mu ijuru aho Kristo yari agiye gukorera umurimo we; bagombaga kugururira imitima yabo igikorwa cy'Umwuka wera uzaza mu cyimbo cya Kristo, maze bakanezezwa n'umucyo w'uko Umwuka wera abarimo. Nyamara hazabaho igihe cy'ikigeragezo n'ibishuko, igihe bazahangana n'abatwara iyi si, n'abatega b'ubwami bw'umwijima; kuko Kristo azaba atari kumwe nabo, kandi

nabo ubwabo ntibasobanukirwe ko bari kumwe n’umufasha, ubwo byari kubabera ngombwa ko biyiriza ubusa.

Abafarisayo bishakiraga icyubahiro cyabo mu kwihambira cyane ku migenzo yabo y’amanjwe mu gihe mu mitima yabo habaga huzuyemo ishyari n’urugomo. Ibyanditswe byera biravuga bita : “Dore icyo mwiiririza ubusa ni ugutongana, no kujya impaka no gukubitana ibipfunsi by’abanyarugomo.” Kuri ubu ntumucyiririza ubusa uko bikwiriye byatuma ijwi ryanyu ryumvikana mu ijuru; ugira ngo kwiiririza ubusa nshima kumeze gutyo? Mbese ni umunsi umuntu yibabarizamo akubika umutwe nk’umuberanya, akisasira ibigunira, akaryama mu ivu, ibyo ni byo wita kwiiririza ubusa n’umunsi Uwiteka yishimira?⁵⁹

Kwiiririza gushimwa, ntabwo ari umurimo w’imigenzo. Kwiiririza ubusa Imana ishaka, Ibyanditswe bikuvuga bita : “ Mubohore abantu ingoyi z’urugomo, muhambure imigozi y’uburetwa... ukihotorera umushonji, ugahaza umunyamibabaro. Umucyo wawe uzaherako uvire mu mwijima, kandi urwijiji rwawe ruzatamuruka habe amanywa y’ihangu.”⁶⁰ Umutima n’umuco by’umurimo wa Kristo bigaragarira muri iyi mirongo. Imibereho ye yose yabaye igitambo cyo gukiza abari mu isi. Haba igihe yiyirizaga ubusa mu butayu ageragezwa na satani, haba igihe yasangiraga n’abakoresha b’ikoro mu birori byateguwe na Matayo, yatangiraga ubugingo bwe kuba inshungu y’abantu bazimiye. Umwuka nyakuri wo kwitanga ntugaragarira mu maganya atagize icyo amaze, no mu kwibabaza cyangwa se ibitambo bitagira ingano ahubwo ugaragarira mu kwiyanga ubwawe ngo ubone uko ukorera Imana n’abantu.

Yesu mu gukomeza igisubizo cye, asobanurira abigishwa ba Yohana yifashishije uyu mugani ngo : “Ntawe utera ikiremo cy’igitambaro gishya mu mwenda ushaje, kuko icyo kiremo cyaca umwenda ushaje, umwenge ukarushaho kuba mugari”. Ntabwo byari bikwiriye kuvanga ubutumwa bwa Yohana Umubatiza n’imihango n’imiziririzo. Uko umuntu yagerageza kose guhuza kwirarira kw’abafarisayo no gutungana kwa Yohana umubatiza icyo byagaragaza kurushaho ni umworera ubatandukanya.

Amahame y'ibyigisho bya Kristo ntaho ashobora guhurira n'imiziririzo ya gifarisayo. Ntabwo Kristo yashakaga gusana icyuho cyaciwe n'inyigisho za Yohana. Ibiri amambu, yagombaga kugaragaza itandukaniro riri hagati y'ibya kera n'ibishya. Na none Yesu arushaho kumvikanisha igitekerezo cye agira ati : “Kandi ntawe usuka vino y'umutobe mu mifuka y'impu ishaje, uwagira atyo, iyo mifuka yaturika, vino igasandara imifuka ikononekara.” Imifuka y'impu yagombaga gushyirwamo vino y'umutobe, yagendaga isaza maze ntibe igikoreshwa uwo murimo. Yesu avuga ibyo, yari yerekanye imibereho y'abayobozi b'abayuda. Abatambyi, abanditsi, n'abakuru bari baraze mu kamenyero k'imihango; n'imigenzo. Imitima ya bo yari yarabaye nk'imifuka y'impu ishaje iyo yari abagereraniye na yo. Igihe cyose bari bacyishimira idini ishimwa n'amategeko, ntibashoboraga kuba ababikijwe ukuri gukiza kwaturutse mu ijuru. Bashimagizaga gukiranuka kwabo bwite, maze ntibabone impamvu yo kwinjiza ikintu gishya mu idini yabo, ntabwo biyumvishaga ko ubushake bw'Imana, aribwo bukwiriye kubagenga. Bumvaga ko imirimo ya bo myiza ari yo izabibahesha. Ukwizera gukorera mu rukundo, ko kweza umutima, ntikwashoboraga kwifatanya n'idini ya gifarisayo, yari igizwe n'imigenzo n'amategeko y'abantu. Byari ukuvunwa n'ubusa gushaka gufatanya ibyigisho bya Yesu n'idini yashyizweho n'abantu. Ukuri kw'Imana gukiza, kuko kumeze nka vino y'umutobe ishaka kubira, kwasandaza imifuka yashaje; igereranywa n'imihango ya gifarisayo.

Abafarisayo bumvaga ari abanyabwenge cyane ku buryo badakeneye kwigishwa, bakumva ari abakiranutsi cyane badakeneye agakiza, bakumva bubashywe cyane bihagije ku buryo badakeneye icyubahiro Kristo yabaha. Nicyo cyatumye Umukiza abareka, maze akajya gushaka abari biteguye kwakira ubutumwa bw'ijuru. Abarobyi batari abanyabwenge, abakoresha b'ikoro bari bicaye mu iguriro, umugore w'umusamariyakazi na rubanda rwa giseseka bamwumvaga babikunze: abo ni bo mifuka mishya yiteguye kwakira vino y'umutobe. Ibikoresho bizima bikoreshwa mu murimo wo kubwiriza ubutumwa, ni imitima yakirana umunezero umucyo Imana yohereje. Abantu bameze batyo, ni bo bashinzwe kugeza ukuri ku batuye isi. Abakozi ba Kristo nibemera kuba imifuka mishya kubw'ubuntu bwa Kristo, azabuzuzamo vino y'umutobe.

Ubutumwa bwa Kristo ni bwo bwagereraniye na vino nshya, ntabwo ari ibyigisho bishya: ni ibyerekanywe kandi bikigishwa uherye mbere na mbere.

Ariko ukuri kw’Imana kwari kwaramaze kwamburwa ubusobanuro bwa ko bwa katanga ka mbere, n’ubwiza bwabwo mu maso y’abafarisayo. Ibyigisho bya Kristo byababereye bishya, maze ntibashobora kumenya agaciro kabyo.

Nuko Yesu abagaragariza uburyo inyigisho z’ibinyoma zifite ubushobozi bwo kubuza ukuri gukundwa no kwifuzwa. Yaravuze ati : “Kandi nta muntu wanyoye vino ihiye, washaka idahiye, kuko agira ngo “ihiye ni yo nziza.” Ukuri kose nkuko kwakomejwe n’abakurambere n’abahanuzi, kwarabagiranishije ubwiza bushya mu magambo yavuzwe na Kristo. Ariko abanditsi n’abafarisayo ntibifuzaga na gato, iyo vino y’umutobe y’igiciro cyinshi. Igihe cyose bari batariyambura imigenzo ya kera, ibyigisho bya Kristo ntibyashoboraga kubona umwanya mu bwenge bwabo no mu mitima yabo. Bihambiraga ku migenzo ipfuye; bagatera umugongo ukuri kuzima n’imbaraga y’Imana.

Ibyo ni byo byabaye intandaro yo kurimbuka kw’abayuda, na none kandi ni byo bizaba impamvu yo kurimbuka kw’abantu benshi bo mu gihe cyacu. Ibihumbi byinshi by’abantu bikora ikosa rimwe nk’iryakorwaga n’abafarisayo Yesu yacyashye mu munsu mukuru kwa Matayo. Mu cyimbo cyo kureka ingeso zabo bashyonyagizaga, cyangwa se ngo bareke igitekerezo bagize ikigirwamana, ahubwo bareka ukuri kuva ku Mana Se w’imicyo. Bariyiringiraga bo ubwabo maze bakishingikiriza ku bwenge bwabo bwite, bituma batabona ubuhanya bwabo mu by’umwuka. Niba batabonye agakiza kababashisha gukora umurimo w’akataraboneka, baranga ako gakiza bari bahawe.

Idini ryishingikiriza ku mategeko, ntirishobora kuyobora abantu kuri Kristo: ni ukuvuga idini ibuze urukundo, iyo Kristo atarangwamo. Kwiwiriza ubusa no gusenga biturutse ku mutima wo kwihangira gukiranuka, ni ikizira mu maso y’Imana. Iteraniro ryo gusengera ku mugaragaro n’urukurikirane rw’imihango y’idini, kwicisha bugufi kugaragara inyuma ndetse no kwitanga umuntu yiha, ibyo byose bigaragaza ko umuntu yiyumvamo ubutungane, ko afite uburenganzira bwo kubona ijuru, nyamara ni ukwishuka. Imirimo yacu ntishobora kugura agakiza.

Abafarisayo bo muri iki gihe, kimwe n’abo mu gihe cya Kristo, ntibazi ubwambure bwabo. Abo ni bo babwirwa ubu butumwa ngo : kuko wibwira uti :

“Ndi umukire, ndatunze, kandi ndatunganiwe ntacyo nkennye, utazi ko uri umutindi wo kubabarirwa kandi uri umukene n’impumyi, ndetse wambaye ubusa.” “Dore ndakugira inama, ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi; kandi ungureho n’imyenda yera kugira ngo wambare isoni z’ubwambure bwawe zitagaragara⁷.” Ukwizera n’urukundo ni byo Zahabu yatunganijwe n’umuriro. Hari abantu benshi batakibasha kumenya iyo Zahabu, batakaje ubutunzi bw’igiciro. Gukiranuka kwa Kristo kuri bo ni ikanzu itigeze yambarwa, iriba ritigeze rivomwaho. Bakwiye kubwirwa aya amagambo ngo : “Mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere. Nuko ibuka aho wavuye ukagwa wihane ukore imirimo nk’iya mbere, kuko nutabikora nzaza aho uri nkure igitereko cy’itabaza ryawe ahacyo nutihana.⁸”

“Ibitambo Imana ishima ni umutima umenetse, ushenjaguwe; Mana ntuzawusuzugura.⁹” Umuntu agomba kwitanga wese akisiga ubusa, niba ashaka guhinduka uwizera Yesu Kristo nk’uko biri. Nitureka inarinjye nibwo Umukiza azashobora kutugira ibyaremwe bishya. Nibwo imvumba nshya zizashobora gushyirwamo vino nshya. Urukundo rwa Kristo ruzashyira mu wizera ubugingo bushya. Imico ya Kristo izaboneka mu muntu uhanga amaso ye ku Muremyi, we banze ryo kwizera kwacu!

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 9:9-17; Mariko 2:14-22; Luka 5:27:39.

2. Luka 22:35.

3. Yohana 3:29.

4. Yohana 16:19,20.

5. Yesaya 58:4,5.

6. Yesaya 58:6,10.

7. Ibyahishuwe 3:17,18.

8. Ibyahishuwe 2:4,5.

9. Zaburi 51:19.

*** **

29. ISABATO



Isabato yejeje mu irema. Yatoranyirijwe umuntu “igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbanaga umunezero, abana b’Imana bose bakarangurura ijwi ry’ibyishimo.” Amahoro yari asabye ku isi yose, kuko isi yari isabanye n’ijuru. “Imana yitegereza ibyo yaremye byose ibona ko ari byiza cyane¹.” Nuko iruhukana umunezero igikorwa yari ishohoje.

Yo ubwayo mu kuruhuka Isabato, “Imana yahaye umugisha umunsi wa karindwi iraweza”, yarawikubitiye uba igikorwa cyera. Iwuha Adamu ho umunsi w’ikiruhuko. Rwari urwibutso rw’umurimo w’irema, ikimenyetso cy’ububasha n’urukundo by’Imana. Ibyanditswe bivuga bitya : “ Yahaye imirimo ye itangaza urwibutso.” “Kuko ibitaboneka byayo bihoraho ni byo bubasha bwayo n’ubumana bwayo buhoraho, bigaragara neza uhereye ku kuremwa kw’isi bigaragazwa n’ibyo yaremye².”

Byose byaremwe n’Umwana w’Imana. “Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n’Imana kandi Jambo yari Imana, ibintu byose niwe wabiremye. Nta na kimwe mu byaremwe kitaremwe na we³.” Isabato nk’urwibutso rw’irema ni ubuhamya bw’urukundo n’ubushobozi bya Kristo.

Isabato yerekeza ibitekerezo ku byaremwe maze ikatwinjiza mu gusabana n’Umuremyi. Mu ndirimbo z’inyoni, mu guhungabana kw’ibiti no mu guhorerwa kw’inyanja dukomeza kumva ijwi ry’Uwashyikiranaga na Adamu mu mafu ya ni muni muri Edeni. Kwitegereza ububasha bwayo mu byaremwe ni igikorwa gihumuriza, kuko Jambo waremye ibintu byose, asezeranya imitima yacu ubugingo. Imana yaravuze iti : “Imana yategetse umucyo kuva uturutse mu mwijima! Niyo yaviriye mu mitima yacu kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw’Imana buri mu maso ha Yesu Kristo.⁴” Nicyo gitekerezo cyateye kuririmba iyi ndirimbo ngo :

“Kuko wowe Uwiteka wanyishimishije n’umurimo wakoze,
nzavugishwa impundu n’imirimo y’intoke zawe;
Uwiteka, erega imirimo wakoze irakomeye.
Ibyo utekereza birimbitse cyane !⁵”

Umwuka Wera yavugiye mu kanwa k’umuhanuzi Yesaya iti : “Nuko rero Imana mwayihwanya na nde cyangwa mwayigereranya n’ishusho ki?... Mbese ntimwamenye kandi ntimurakumva? Ntacyo mwabwiwe uhereye mbere na mbere? Mbese ntimuzi uwashinze imfatiro z’isi? Iyo ni yo yicaye hejuru ku rusenge rw’ijuru abaturage bo mu isi bameze nk’ubuzikira. Ni yo ibamba ijuru nk’injegamo, ikaribamba nk’ihema ryo kubamo. Nuko rero mwangereranya nande twahwana? Ni ko Uwiteka abaza. “Nimwubure amaso yanyu murebe hejuru. Ni nde waremye biriya, agashora ingabo zabo mu mitwe, zose akazihamagara mu mazina? Kuko afite imbaraga nyinshi akagira amaboko n’ububasha, nicyo gituma nta na kimwe kizimira. Yewe Yakobo Isiraeli ni iki gituma wiganyira ukavuga uti: Uwiteka ntareba inzira zanjye kandi ibyanjye Imana yanjye irabyirengagiza? Mbese ntiwari wabimenya? Ese nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Umuremyi w’imperera z’isi ntirambirwa ntiruha. Ubwenge bwa yo ntiburondoreka. Ni yo iha intege abarambiwe kandi utibashije imwongeramo imbaraga” “Ntutinye kuko ndi kumwe na we, ntukihebe kuko ndi Imana yawe. Nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo, ariko gukiranuka kwanjye.” “Nimumpindukirire mukizwe mw’abari ku mpera z’isi mwese mwe kuko ari jye Mana nta yindi ibaho.” Ubwo nibwo butumwa bwanditswe ku byaremwe kandi Isabato ikaba ifite umugambi wo kubutwibutsa. Igihe Uwiteka yategekaga abisirayeli kweza amasabato ye yaravuze ati : “Kugira ngo ababere ikimenyetso hagati yanjye namwe kugira ngo mumenye ko ndi Uwiteka ubeza⁶.”

Isabato yatangajwe mu mategeko yatanze mu mpinga y’umusozo wa Sinai, ariko ntabwo aricyo gihe yagaragaye ubwa mbere nk’umunsi w’ikiruhuko. Ubwoko bwa Isiraeli bwari buyizi kandi buyitondera mbere yuko bagera ku musozo Sinai. Kandi iyo hagaraga uyizirura, Uwiteka yaramucyahaga ati : “Muzageza he gusuzugura ntimwitondere amategeko n’amateka yanjye⁷.”

Isabato ntabwo yagenewe ab’Isiraeli gusa, ahubwo yagenewe isi yose. Yahishuriwe umuntu mu murima wa Edeni, kandi kimwe n’andi yo mu mategeko icumi yo kuri Sinai, ni itegeko ridakuka. Ni ku birebana n’iryo tegeko rya kane Kristo ahamya ati : “Kugeza aho ijuru n’isi bizashirira, amategeko ntazavaho

n'inyuguti n'imwe cyangwa agace gato.” Igihe cyose hazabaho isi n'ijuru, Isabato izakomeza kuba ikimenyetso cy'ububasha bw'Umuremyi. Kandi ubwo ubwiza bwa Edeni buzongera kugaragara mu isi, umunsi wera w'ikiruhuko cy'Imana uzubahwa na bose. “Guhera ku isabato ukageza ku yindi, abantu bose batuye ku isi yagizwe nshya bazajya baza gusengera imbere yanjye, niko Uwiteka avuga⁸.”

Nta wundi muhango wahawe abayuda washoboraga kumera nk'isabato ngo ubatandukanye n'amahanga yari abakikije. Kubahiriza uwo muni, mu gitekerezo cy'Imana byagombaga kubumvisha ko ari abo kuyiramyi. Yagombaga kubabera ikimenyetso kibereka uburyo batandukanijwe no gusenga ibigirwamana nuko basabana n'Imana y'ukuri. Ariko isabato yera, yubahirizwa gusa n'abera. Nuko rero dukwiriye guhinduka abafatanyije gukiranuka kwa Kristo. Igihe yahaga abisiraeli iri tegeko ngo : “Wibuke kweza umunsi w'isabato”, Uwiteka yarababwiye ati : “Muzambara abantu bera.”⁹ Uko niko Isabato yagombaga kugaragaza abisiraeli nk'abasenga Imana.

Uko abayuda bagiye barushaho kuja kure y'Imana kandi bagasuzugura gukiranuka kwa Kristo kubwo kwizera, isabato ita ubusobanuro bwayo mu maso yabo, satani yihatiye kwikuza ubwe no gukura abantu kuri Kristo; akora uko ashoboye ngo ahindanye isabato, kuko ari ikimenyetso cy'ububasha bwa Kristo. Abakuru b'ishyamba ry'abayuda bumviraga satani igihe ikiruhuko cy'Imana bakirundagaho imitwari idaterurika. Mu gihe cya Kristo Isabato yari yarononekaye, ku buryo aho kwerekana kamere yayo y'urukundo rwa Data wo mu ijuru, kwitondera uwo muni byerekanaga kamere y'abantu bikunda kandi b'abanyagitugu. Inyigisho y'abigishamategako yashakaga kwerekana Imana nk'itanga amategako adashobora kubahirizwa. Ibyo byatumaga abantu bibwira ko Imana ari umwicanyi no gutekereza ko kubahiriza Isabato nk'uko Imana yabitegetse bizahindura abantu indakoreka, n'abagome. Kristo atangira umurimo wo gukosora ayo mafuti. Nubwo abigishamategako batahwemye kumukurikirana, ntivyigeze yita ku kwihuza n'imihango yabo, ahubwo akomeza inzira ye, yubahiriza isabato nk'uko amategako y'Imana ari.

Ku muni w'Isabato, ubwo yari avuye aho basengera aho yari yatinze akorera umurimo we, Umukiza n'intumwa ze banyura mu murima w'ingano zeze.

Abigishwa be batangira guca amahundo no kuyavungura mu ntoki zabo batangira guhekenya. icyo gikorwa icyo baza kugikora ku wundi muni nta wari kucyitaho kuko abantu bari bafite uburenganzira bwo kurya ibyari biri mu murima, mu busitani cyangwa mu ruzabibu rwose¹⁰. Ku muni w'isabato, igikorwa cyoroshye nk'icyo cyitwaga kuyizirura. Guca amahundo ukayavungura mu kiganza byari bihwaye no gusurura no kuyahura. Nuko rero mu bwenge bw'abigishamategako harimo ibicumuro bibiri.

Abagenzaga Yesu babona umwanya wo kumucyaha muri aya magambo:
“Dore abigishwa bawe bari gukora ibitemewe gukorwa ku muni w'isabato.”

Igihe Yesu yaregwaye kwica isabato ari i Betesida yireguye ahamya ko ari Umwana w'Imana; kandi ahamya ko akora nk'uko Se ashaka. Ubu bwo baregaga abigishwa be, nuko Yesu asubiza yifashishije ingero akura mu Isezerano rya Kera, ahanditse ibikorwa byakozwe ku muni w'isabato bikoze n'abantu bari mu murimo w'Imana.

Abayuda b'abahanga birataga ko bazi Ibyanditswe byera, ariko igisubizo cy'Umucunguzi cyo cyacyahaga ubuswa bwabo. Yarababwiye ati : “Mbese ntimwasomye icyo Dawidi yakoze we n'abantu be igihe yari ashonje, ubwo yinjiye mu nzu y'Imana maze akarya ku mitsima yo kumurikwa, icyo abatambyi bonyine bari bemerewe kurya, hanyuma kandi arababwira ati : “Isabato yabayeho kubw'abantu, abantu si bo babayeho kubw'isabato” cyangwa ntimwasomye mu mategeko ko ku muni w'isabato abatambyi bazirura Isabato mu rusengero nyamara ntibagibweho n'umugayo, ariko ndababwira nti : “Hano hari Uruta urusengero, Umwana w'umuntu ni Umwamwi w'Isabato nayo¹¹.”

Niba byari byemerewe Dawidi kwica isari aya umutsima uringanirijwe umuhango wera, byagombaga kwemererwa abigishwa kwirwanaho bica amahundo mu masaha yera y'isabato. Abatambyi ku muni w'isabato bakoraga mu rusengero umurimo munini kuruta iyindi muni. Umurimo ungana utyo wari kwitwaga icyaha icyo baza kuba umurimo w'umuntu ku giti cye, ariko abatambyi kuko bari mu murimo w'Imana bakoraga imigenzo yerekanaga imbaraga ya Kristo yo gucungura, kandi umwete wabo wari uhuye n'igikorwa cyo ku isabato. Noneho Kristo ubwe yari yariyiziye. Abigishwa mu gusohozwa umurimo wa Kristo bari mu murimo w'Imana

kandi ibyangombwa byose mu gusohoza uwo murimo bashoboraga kubikora ku isabato bikaba byemewe.

Kristo yashakaga kwigisha abigishwa be kimwe n’abanzi be ko umurimo w’Imana ari wo ugomba kuba nyambere. Umugambi Imana ifite ni uwo gucungura umuntu, nuko rero kubw’ibyo, ikigomba gukorwa cyose ku muni w’Isabato kugira ngo usohoze iyo nshingano, cyemewe n’itegeko ry’isabato. Yesu arangiza izo mpaka azitsindishije kwiyerekana ko ari we Mwami w’isabato, ni we uri hejuru y’impaka zose n’amategeko yose. Uwo Mucamanza uhoraho atsindishiriza abigishwa be akoresheje amategeko baregaga ko bishe.

Yesu aboneraho akanya ko gucyaha abanzi be. Abereka ko mu buhumi bwabo bibeshya ku mugambi w’isabato. Arababwira ati : “Iyaba mwaramenye uko bisobanurwa ngo : Nkunda imbabazi kuruta ibitambo.” Ntimuba mwaraciriyeho iteka abakiranutsi¹². Imihango yabo myinshi bakoraga idahinduka ntiyashoboraga gusimbura ukwiringira n’urukundo nyakuri bizagaragaza by’iteka ryose usenga Imana by’ukuri.

Kristo yongeraga gusubiramo ko ibitambo ubwabyo nta gaciro bifite. Mukwiye kubibonamo inzira, ariko sibyo gakiza. Byari bifite umugambi wo kuyobora abantu ku Mukiza, bityo bikabatera kugira umushyikirano n’Imana. icyo Imana ishima ni umurimo ukoranywe urukundo. Iyo ibyo bidahari urukurikirane rw’iyo migenzo nta kindi rwakora uretse kuyicumuraho. No ku isabato niko byari bimeze. Yari yarashyiriweho umuntu gusabana n’Imana; umugambi w’isabato wakomwe mu nkokora igihe imitima y’abantu yari irangamiye imihango itagize icyo imaze. Kuyitondera by’umuhango byari uburyarya.

Ku wundi muni w’isabato mu rusengero abona umuntu wicaye ufite ukuboko kunyunyutse. Abafarisayo bamugenzeho ijisho ngo barebe icyo kora. Umukiza yari azi neza ko igikorwa cyo gukiza ku isabato kizabwira nk’igicumuro, ariko ntiyatinya gusenya urukuta rw’amategeko y’imihango bari baragotesheje isabato. Yesu asaba uwo munyamubabaro kwigira imbere. Arababaza ati : “Mbese biremewe ku muni w’isabato gukora neza cyangwa gukora nabi, gukiza umuntu cyangwa kumwica?” Ku bayuda byari byemewe mu rwego rwo hejuru ko

kwirengagiza igikorwa cyiza igihe ari ngombwa kugikora ari bibi; ko kwirengagiza gukiza umuntu ari ukwica. Bityo rero Yesu yari yiteje abigishamategeko “ariko baracecetse. Nuko Yesu abararanganyamo amaso arakaye. Kandi ababajwe nuko imitima yabo inangiye maze abwira uwo muntu ati : “Rambura ukuboko kwawe, arakurambura kurakira¹³.” Na we abazwa muri aya magambo: “Mbese biremewe gukiza umuntu ku isabato?” Yesu arababwira ati : “Ninde muri mwe waba afite intama ikagwa mu rwobo ku munsu w’isabato ntayifate ngo ayikuremo? None se umuntu ntaruta intama? Nuko rero biremewe gukora neza ku munsu w’isabato¹⁴.»

Abatasi mu gutinya kwisuzuguza ntibatinyuka gusubiza Kristo imbere y’iteraniro. Bari bazi ko yavuze ukuri. Bari barahisemo kureka umuntu akababara mu cyimbo cyo gukoma mu nkokora imihango ya bo mu gihe bari gutabara itungo kugira ngo badapfirwa ubusa. Bitaga cyane ku itungo kuruta umuntu waremwe ku ishusho y’Imana. Iyo ni yo mico y’amadini yose y’ibinyoma, aho inkomoko yayo ari ukwishyira hejuru y’Imana, kugeza aho ingaruka ari ukuyisuzuguza bayishyira munsu y’igihubutsi. Idini yose irwanya ubutware bw’Imana, yambura umuntu icyubahiro yahawe uherye mu irema icyo agomba guhabwa muri Kristo. Idini yose yononekaye yigisha abayoboke bayo kutita ku bikenewe ku mibabaro no ku burenganzira bwa muntu. Ubutumwa bwiza buha agaciro kanini cyane abantu baguzwe igiciro kinini niyo maraso ya Kristo kandi butwigisha impuhwe nyinshi ku bakene n’ibyago by’umuntu. Uwiteka aravuga ati : « Nzahindura abantu ingume kurusha izahabu nziza, ni ukuri nzahindura abantu ingume kurusha izahabu ya Ofili¹⁵.»

Agaruriye abafarisayo ikibazo cyabo bwite cyerekeranye n’ibyamewe gukorwa ku munsu w’Isabato Yesu abashyira imbere imigambi yabo mibi. Bamukurikira mu rwango rwa bo kugeza ubwo bashaka kumwica mu gihe we yakizaga ubugingo bw’abantu benshi kandi anabazaniye umunezero. Mbese byari bikwiriyeho guhitamo kwica ku isabato nk’uko bari biyemeje kubikora mu cyimbo cyo gukiza abababaye nk’uko Yesu yari yabikoze. Mbese byari ukuri gushyigikira ubwicanyi mu mutima, ku munsu wera w’Imana mu cyimbo cyo guhaza abantu bose urwo rukundo rusobanurwa n’ibikorwa by’imbabazi?

Mu gikorwa cyo gukiza umuntu wari ufite ukuboko kunyunyutse, Yesu yaciriyeho iteka imihango y’abayuda maze ashigikira itegeko rya kane nk’uko Imana yabishatse. «Nuko rero biremewe gukora neza ku munsu w’Isabato » niko

yabihamije. Mu gukuraho imihango itagira umumaro abayuda bari barahimbye, Kristo yubahirije isabato, mu gihe abayuda bamwitotomberaga basuzuguraga uwo muni wera.

Bamwe bibwira ko Yesu yakuyeho amategeko, ko yakandagiye iabato kandi akemeza abigishwa be gukora batyo. Muri iyo nyigisho baba bakoze kimwe n'ababeshyeraga Yesu. Bityo baba banyuranije na Kristo wahamije ati : « Nitondeye amategeko ya Data kandi nguma mu rukundo rwe¹⁶. » Yaba Yesu ndetse n'intumwa ntabwo bishe itegeko ry'iabato. Yesu niwe Muhamyanya nyakuri w'amategeko. Mu buzima bwe nta gucumura ku mategeko kwamubonetse. Mu kubwira abahamya bashakira impamvu yo kumuciraho iteka yashoboraga kubahamiriza ati : « Ninde muri mwe unshinja icyaha?¹⁷ »

Nabwo Umukiza yaje gukuraho ibyigishijwe n'abakurambere n'abahanuzi kuko ari we ubwe wigishirizaga muri bo. Ukuri uko ari ko kose kw'Ijambo ry'Imana gukomoka kuri we. Niko ayo mabuye meza y'igiciro kitagereranywa yashyinguwe mu bubiko bubi. Umucyo w'agatangaza uyakomokamo wakoreshajwe umurimo w'ibinyoma. Imana irashakira ko ukuri gutandukanywa n'ibinyoma maze kugasubizwa ku rufatiro rw'ukuri. Ukuboko kw'Imana konyine niko kwashobora gukora umurimo nk'uwo. Bityo uruvange rw'ukuri n'ibinyoma byakoreshajwe mu murimo w'umwami w'Imana n'abantu. Kristo yazanywe no gushyira ukuri mu mwami wako, ari ko kuzabasha guhimba Imana no gukiza abantu.

« Isabato yabayeho kubw'abantu, abantu sibo babayeho kubw'Isabato, » niko Yesu yavuze. Amategeko Imana yashyizeho yari afite umugambi wo kuzanira abantu ibyiza. « kuko byose bibaho ku bwanyu. » « Kuko byose ari ibyanyu naho yaba Pawulo cyangwa Apolo cyangwa Kefa cyangwa isi cyangwa ubugingo cyangwa urupfu cyangwa ibiriho cyangwa ibizaza byose ni ibyanyu na mwe muri aba Kristo, na Kristo ni uw'Imana.¹⁸ » Amategeko cumi y'Imana harimo n'isabato, yatanze n'Imana kugira ngo abere abantu umugisha. « Uwiteka yategetse kwitondera amategeko yose kandi tukubaha Uwiteka Imana yacu kugira ngo duhore twishimye maze idukomereze ubugingo.¹⁹ » Ubutumwa bukurikira bwabwiwe abisiraeli mu kanwa k'Umunyeshaburi ngo : « Mukorere Uwiteka munezerewe, muze mu maso ye muriramba, mumenye ko Uwiteka agira neza ari Imana ni we waturemye turi aho, turi ubwoko bwe, turi intama zo mu cyanya cye, mwinjire mu marembo ye

mushima no mu bikari bye muhimbaza. Mumushime musingize izina rye.²⁰» Ku “bakomeza Isabato ntibayice » bahabwa iri sezerano ngo : “Nzabajyana ku musozi wanjye wera, maze mbanezeze mu nzu yanjye y’urusengeru.²¹”

«Umwana w’umuntu ni Umutware w’isabato na yo. » Aya magambo yuzuyemo inyigisho n’ihumure. Isabato yabereyeho abantu, niyo mpamvu ari umunsi w’Uwiteka. Ni iya Kristo. “ Kuko byose byaremwe na we, Jambo ari we Kristo nta na kimwe kitaremwe na we²².” Niba yararemye ibintu byose, n’isabato nayo yarayiremye. Niwe wayishyiriyeho kuba urwibutso rw’umurimo wo kurema rubereyeho kumwerekana ko ari Umuremyi kandi ko ari we weza, ikemeza ko ari we waremye byose kandi akaba ariwe ubiramira akaba ndetse n’umutware w’itorero kubw’ububasha bwe bwatwunze n’Imana. Yavuze iby’abisiraeli agira ati : “Kandi mbaha n’amasabato yanjye ngo abe ikimenyetso hagati yanjye nabo kugira ngo bamenye ko ndi Uwiteka ubeza.²³” Isabato ni ikimenyetso cyerekana ko Kristo ashobora kutweza. Kandi yahawe abo Kristo yeza bese.

Nk’ikimenyetso cy’ubutware bwe bweza, isabato yahawe abantu bese binyuze muri Kristo bagizwe abisiraeli b’Imana.

Uwiteka aravuga ati : “Nuhindukira ntukandagire isabato ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi w’Uwiteka ukawita uw’icyubahiro... nuko uzishimira Uwiteka.²⁴” Isabato izabera abantu bese umunezero kubwo kuyikomeza nk’ikimenyetso cy’ubutware bw’Umuremyi n’Umucunguzi Yesu Kristo. Ababona Kristo muri iri tegeko, nibyo bibabera umunezero. Mu murimo wo kurema, isabato ibagaragariza igihamya cy’imbaraga itagereranywa yo gucungura. Mu kubibutsa Edeni nziza babuze, bibatera gutekereza Paradiso babonye mu Mucunguzi. Nuko ikintu cyose kiboneka mu byaremwe gihora kibibutsa uyu muhamagararo ngo: “Mwese abarushye n’abaremerewe muze munsange ndabaruhura.²⁵”

1. Yobu 38:7; Itangiriro 1:31.
2. Itangiriro 2:3; Zaburi 111:4; Abaroma 1:20.
3. Yohana 1:1-3.
4. 2 Abakorinto 4:6.
5. Zaburi 92:5,6.
6. Yesaya 40:18-29; 41:10; 45:22; Ezekieli 20:20.
7. Kuva 16:28.
8. Matayo 5:18; Yesaya 66:23.
9. Kuva 20:8; 22:31.

10. Gutegeka kwa kabiri 23:24,25.
11. Luka 6:3,4; Mariko 2:27,28; Matayo 12:5,6.
12. Matayo 12:7.
13. Mariko 3:4,5.
14. Matayo 12:10-12.
15. Yesaya 13:12.
16. Yohana 15:10.
17. Yohana 8:46.
18. 2 Abakorinto 4:15; 1 Abakorinto 3:22,23.
19. Gutegeka kwa kabiri 6:24.
20. Zaburi 100:2-4.
21. Yesaya 56:6,7.
22. Yohana 1:3.
23. Ezekieli 20:12.
24. Yesaya 58:13,14. 25. Matayo 11:28.

*** **

30. ATORANYA INTUMWA CUMI N'EBYIRI



“Bukeye azamuka umusozi ahamagara abo ashaka baza aho ari, atoranyamo cumi na babiri bo kubana na we ngo abone uko ajya abatuma kubwiriza abantu ubutumwa.¹” Hari bugufi bw’inyanja y’i Galilaya, mu ibanga ryari rifite ibicucu by’ibiti, aho niho Yesu yatoreye cumi na babiri ngo bavuge ubutumwa, kandi ni ho yatangiye cya cyigisho cyo ku musozi. Yikundiraga mu misozi n’imirima, kuko yishimiraga kwigishiriza ahakikijwe n’ibyaremwe aho kwigishiriza mu nsengeru cyangwa mu masinagogi. N’ubundi kandi nta sinagogi n’imwe yari gushobora gukwirwamo inteko y’abantu babaga bamukurikiye; na none kandi Yesu yabaga afite indi mpamvu imutera kwikundira kwigishiriza mu mirima

no mu mashyamba: yakundaga ibitangaza bigaragarira mu byaremwe. Uburuhukiro butuje kuri we bwabaga ari urusengeru rwera.

Abaturage ba mbere bo ku isi bari baragize insengeru zabo muni y’ibiti byo mu ngobyi ya Edeni. Aho ni ho Kristo yari yarasabaniye na sekuruza w’abantu. Bamaze kwirukanwa muri Paradiso, ababyeyi bacu ba mbere bakomeje kujya basengera mu misozi no mu mashyamba; aho ni ho Kristo yajyaga abazanira ubutumwa bwiza bw’ubuntu. Ni naho kandi Kristo yavuganiye n’Aburahamu muni y’ibiti by’Imyeloni bya Mamure; na Isaka na we ni ko bavuganye ubwo yari asohotse nimugoroba agiye mu murima gusenga; Yakobo nawe bavuganye ubwo yasengeraga ku musozi w’i Beteli; Mose nawe bavuganiye mu misozi y’i Midiani; naho umusore Dawidi bavuganaga aragiye imikumbi ye. Kubw’amabwiriza yatanze na Kristo mu binyejana cumi na bitanu byahise, Abaheburayo bagombaga kuva mu ngo zabo icyumweru cyose rimwe mu mwaka, kugira ngo bajye mu ngando zubatswe “ n’amashami y’imikindo, n’amashami y’ibiti bisagambye binini n’ingemwe z’imikindo yo ku migezi². ”

Kugira ngo yigishe abigishwa be, Yesu yahitagamo guhunga urusaku n'imivurungano byo mu migi maze akiyufura akajya mu kidaturwa cy'imisozi n'ahikinze, ahantu habaga hafite imiterere myiza kugira ngo abacengezemo amasomo yo kwiya. Mu gihe cy'umurimo we, yakundaga guteraniriza hamwe abamwumvaga, muni y'ijuru ricyenkemuye, mu ibanga ry'umusozi urimo ibyatsi byiza cyangwa ku nkombe y'ikiyaga. Azengurutswe n'imirimo y'ibyo yiremeye ubwe, yashoboraga kuyobora ibitekerezo by'abamuteze amatwi akabyerekeza ku by'umwimerere, mu cyimbo cy'ibikorano. Imikurire n'ibimera byo mu byaremwe byagaragazaga amahame y'ubwami bwe. Mu kwerekeza amaso yabo ku misozi y'Imana bakitegereza ibyiza byavuye mu maboko ye, babaga bateguriwe kwigishwa amasomo y'igiciro kinini y'ukuri kw'Imana. Ibintu byaremwe byajyaga kujya bibibutsa inyigisho ya Kristo. Ibyo niko bigendekera abasohoka baja mu misozi, iyo bafite Kristo mu mitima yabo. Bumva bakijijwe n'imbaraga yera. Ibyaremwe byibutsa imigani y'Umwami wacu maze bikabagaruramo inama ze. Mu gusabanira n'Imana mu byaremwe, ubwenge buraguka maze umutima ukabona uburuhukiro.

Igihe cyari kigeze cyo gushyira imfatiro z'ibanze za gahunda mu itorero ryagombaga gusigara ryerekana Kristo mu isi. Nta rusengeru rw'igitangaza rwari bugufi, nyamara Umukiza yajyanye abigishwa be ahantu h'uburuhukiro yakundaga; ibyitegererezo byera byo muri uwo muni bivanze n'ubwiza bw'umusozi ndetse n'ikibaya n'inyanja byose bigumya kwiya mu bitekerezo byabo.

Yesu yari yahamagariye abigishwa kugira ngo abohereze kumubera abahamya, bagombaga kumenyesha ab'isi ibyo babonye kandi bamwumvanye. Nta muntu n'umwe wari warigeze ahamagarirwa umurimo ukomeye nk'uwo, kuko umurimo warutaga uwo ni uwa Yesu wenyine. Bagombaga kuba abafatanyaga n'Imana gukiza ab'isi. Nkuko mu Isezerano rya kera abakurambere cumi na babiri ari bo bagereranyaga abisiraeli, niko n'intumwa cumi n'ebyiri arizo zihagarariye itorero ari ryo ribwiriza ubutumwa bwiza.

Umukiza yari azi imico y'abantu yari yaratoranije; nta na gato ko mu ntege nke zabo yirengagizaga cyangwa se agato ko mu mafuti yabo atari azi; yari azi akaga bajyaga guhura nako akamenya n'inshingano bajyaga kugira icyo cyatumaga

umutima we wita cyane kuri izo ntore ze. Ijoro ryose yasigaraga wenyine ku musozi wari bugufi bw'inyanja y'i Galilaya abasengera, mu gihe bo babaga biryamiye hasi mu nkuge. Mu museke akabahamagara, kuko yabaga afite ubutumwa bukomeye ashaka kubamenyesha.

Abo bigishwa bari bamaze igihe gitoya, batangiye gufatanyana na Yesu umurimo we. Yohana na Yakobo, Andereye na Petero, ndetse na Filipo na Natanaeli na Matayo bari barushije abandi kwifatanyana na we cyane kandi bari barabonye ibitangaza bye byinshi. Petero, Yakobo na Yohana basaga naho bahoraga iruhande rwe, bakareba ibikorwa bye bakumva n'amagambo ye, bari bahuje na we by'umwihariko. Yohana wari ufite ubucuti bukomeye na Yesu ni we wavuzwe ko ari we mwigishwa Yesu yakundaga. Umukiza yabakundaga bose ariko Yohana we yari afite umutima wumva neza kubarusha. Ni we wari muto muri bo, bigatuma yugururira Yesu umutima we nk'umwana muto nta buriganya bumurimo. Nibyo byatumye umurunga w'urukundo urushaho kumuha na Kristo, maze aba ari we uhabwa inyigisho z'Umukiza zirusha izindi kwimbika.

Filipo yari ku isonga ya rimwe mu matsinda agize ikoraniro ribwiriza ubutumwa. Niwe irarika rya mbere ryagezeho, rivuga riti : “Nkurikira.” Yari uw'i Betsaida, ikirorero cya Andereya na Petero. Yari yarumvise inyigisho za Yohana Umubatiza, kandi yari yaramwumvise avuga ko Kristo ari Umwana w'intama w'Imana. Filipo yashakanaga umwete ukuri, ariko agatinda kwizera. Uburyo yamenyesheje Natanaeli Yesu nibwo bugaragaza ko yari ataracengerwa neza n'ubumana bwe, nubwo yari yaramaze kwifatanyana nawe. Nubwo ijwi rivuye mu ijuru ryahamije ko ari Umwana w'Imana, kubwa Filipo “yari akiri Yesu w'i Nazareti, mwene Yosefu³.” Kwizera guke kwa Filipo kongeye kugaragara ubwo abantu ibihumbi bitanu bahazwaga mu buryo bw'igitangaza. Kugira ngo asuzume ukwizera kwe, Yesu yari yamubajije ati : Turagura hehe ibyo kurya byo kugaburira abantu?” Filipo wari ufite kwizera guke yarashubije ati : “Imitsima yagurwa idenariyo magana abiri ntiyadukwira nubwo umuntu yarya gato⁴.” Yesu arababara. Filipo yari abuze kwizera nubwo yari yabonye imirimo ya Kristo akanirebera ubushobozi bwe. Ubwo Abagiriki bazaga kumusobanura ibya Yesu, aho kugira ngo abone akanya ko kubamuzanira, ahubwo Filipo yagiye kubwira Andereya. Amagambo Filipo yavuze hasigaye igihe gito ngo Yesu abambwe yari amagambo y'urucantege. Igihe Tomasi yabazaga Yesu ati : “Databuja ntutuzi aho ujya; inzira twayibwirwa n'iki?” Yesu aramusubiza ati : “Ninjye nzira n'ukuri n'ubugingo...

Iyaba mwaramenye muba mwaramenye na Data.”. Mu kugaragaza gushidikanya kwe, byateye Filipino kubaza ati : “Databuja twereke Data wa twese biraba bihagije⁵.” Uwo mwigishwa wari umaze kumarana na Yesu imyaka itatu, yari agitinze kwizera.

Kwiringira kwa Natanaeli nk’uk’umwana muto kwari gutandukanye bitangaje no gushidikanya kwa Filipino. Yari umunyamwete ku buryo kwizera kwe kwakiraga iby’ukuri ko mu ijuru. Ariko Filipino we yari umwigishwa mu ishuri rya Kristo, kandi uwo Mwigisha wavuye mu ijuru yamwitagaho yihanganye mu kigeragezo cyose yahuraga nacyo. Hanyuma bitinze ubwo Umwuka wera yamanukiraga abigishwa, Filipino aba umwigisha wuzuye uzi ibyo avuga, akigishanya igihamba gikomeye cyatumaga abamwumva bamwizera.

Mu gihe Yesu yateguraga abigishwa be mu murimo wabo wo kwitanga no kwezwaga, umuntu utari wararitswe, arahata cyane kugira ngo yakirwe. Uwo yari Yuda Iskariota, niwe washakaga kuba umwigishwa wa Kristo. Mu gusaba umwana ngo yemerwe mu ntumwa za Kristo, yavuganye ubwira, agaragara nk’ufite umutima mwiza, agira ati : “Mwigisha ndagukurikira aho ujya hose.” Yesu adashatse kumwirukana cyangwa ngo amwakire ahitamo kuvuga aya magambo amuhagaritse umutima ngo : “Ingunzu zifite imyobo n’ibiguruka mu kirere bifite ibyari, ariko Umwana w’umuntu ntafite aho kurambika umusaya⁶.” Yuda yizeraga ko Yesu ari Mesiya; mu kwifatanya n’intumwa yumvaga ko bizamuhesha umwana wo hejuru muri ubwo bwami bushya. Yesu yerekeje ku bukene bwe, yiyemeza kumukurira inzira ku murima kubyo yiringiraga kubona.

Abigishwa bifuzaga cyane kubona Yuda ari umwe muri bo. Yari afite ishusho nziza igaragara afite ubwenge n’ubuhanga bukomaye bituma asabwa n’izindi ntumwa ngo Yesu amwakire nk’ushobora kugira icyo azamarira umurimo we. Nuko batangazwa no kubona Yesu amwakira atishimye.

N’ubundi kandi abigishwa bababazwaga n’uko babona Yesu nta mwete mwinshi akoresha kugira ngo afashwe kandi yemerwe n’abayobozi ba Israeli. Uko babibonaga, yakoraga ikosa kuko umurimo we atawushingaga ku rufatiro rwabo bantu bakomeye. Bari gushidikanya ubwenge bw’Umwigisha wabo iyo aza kwirukana Yuda. Ibyari gukurikiraho mu mateka ya Yuda byagombaga kubereka uburyo biteye akaga kwemera kugendera ku byo abantu bibwira bya kimuntu, mu

gihe ari ngombwa gufata icyemezo cy'uko umuntu uyu n'uyu yashobora cyangwa atashobora umurimo w'Imana. Gushinga umurimo abo abigishwa be bifuzaga gufatanya nabo, kwari ukuwushyira mu maboko y'abanzi be gica.

Ubwo Yuda yifatanyaga n'abigishwa, ubwiza bw'imico ya Kristo ntabwo bwarekeye aho butagize icyo bumukorera. Yakururwaga n'imbaraga y'ubushobozi bw'Imana bureshya umutima. Utaravunaga urubingo rusadutse kandi ntazimye urumuri rucumba, ntiyashatse kwigizayo uwo muntu igihe cyose yari akigaragaza kugira agacyo gato yishimira. Umukiza yasomaga umutima wa Yuda. Yarebaga inyenga y'ibyaha yajyaga kurohamamo niba adakijijwe n'ubuntu bw'Imana. Mu kwita kuri uyu muntu, Yesu yamwerekaga urukundo rwa buri muni. Yuda yashoboraga kuba uwo mu bwami bw'Imana iyo yemera kugururira Kristo umutima we; maze akemera ubuntu bw'Imana bukamwirukanamo daimoni w'inarijye.

Imana ifata abantu uko bari, uko imico yabo ya kimuntu iri maze ikabatunganiriza gukora umurimo wayo, bapfa gusa kwemera kwicisha bugufi bakayumvira kandi bakitondera inyigisho zayo boroheje. Baratoranywa, nubwo baba badatunganye kugira ngo bahindurwe bagire ishusho yayo, ngo bige kumenya ukuri maze bagushyire mu bikorwa.

Yuda yagize amahirwe yo kwigishwa ahwanye n'ay'abandi bigishwa bose. Na we rwose yumvaga amasomo y'igiciro cyinshi nk'abandi. Ariko kumvira ukuri Yesu yasabaga, byari bihabanye n'ibyifuzo ndetse n'imigambi ye, kandi rero ntiyashakaga kureka ibitekerezo bye bwite kugira ngo yakire ubwenge buturuka mu ijuru.

Mbega ukuntu Umukiza yagaragarije urukundo uwagombaga kuzamugambanira! Mu byigisho bya Yesu yashimangiraga amahame y'ubugwaneza yaranduranaga n'imizi ubugugu bw'uburyo bwose. Yagaragarizaga Yuda kamere ye mbi yo gukunda indamu kandi uyu mwigishwa amenya birenze inshuro imwe ko imico ye yagaragaye kandi n'icyaha cye kigahishurwa; ariko ntiyashakaga kwihana amakosa ye no kuyareka. Kuko yiyiringiraga cyane mu cyimbo cyo kurwanya ibishuko, yakomeje imigenzereze ye y'uburinganya. Kristo yamuhoraga imbere amubera urugero rwiza rw'icyo yamurarikiraga kuba cyo iyo aza gufatanya n'imirimu myiza yo gucungura n'iyi kugabura iby'Imana; ariko ibyigisho bye ntacyo byamariye ugutwi kwa Yuda kwabyumvaga.

Ntabwo Yesu yacyahanaga uburakari ubusambo bwa Yuda. Mu kumwerekako yasomaga mu mutima we nk'uko umuntu asoma mu gitabo kibumbuye, Yesu yihanganira uwo mwana wo kurimbuka mu kwihangana kw'ubumana. Yamwihanangiririzaga kugira ingeso zishimwa, ku buryo Yuda nta rwitwazo na ruke yabashaga kubona rwamuteye kwanga umucyo.

Aho kugendera mu mucyo, Yuda yahisemo kwigumanira ingeso ze mbi. Aha intebe ibyifuzo bye bibi byo guhorana imigambi mibi y'ubugome, kugeza ubwo satani yamwigaruriye wese. Yuda ahinduka intumwa y'umwanzi wa Kristo. Igihe yifatanyaga na Yesu, Yuda yari afite imico itangaje yari kumushoboza kubera itorero isoko y'umugisha. Iyo aza gukunda kwicisha bugufi akikorera umusaraba wa Kristo, yari gushobora kuba umwe mu bakomeye bo mu ntumwa; nyamara uko imico ye mibi yashyirwaga ahabona niko yarushagaho kunangira umutima we, maze mu mutima we yishyira hejuru kandi arigomeka, ahitamo kwiyimikamo imigambi ye yo kwikunda, bityo, aba yitandukanije n'umurimo Imana yari yaramushinze.

Abigishwa bose bari bafite ingeso mbi zikomeye ubwo bahamarwaga mu murimo wa Yesu. Yohana ubwe waje kuba isanga n'ingoyi n'uriya uciye bugufi kandi w'umugwaneza, ntabwo yacishaga make, kandi nta nubwo yari yoroshye muri kamere ye. We n'umuvandimwe we bitwaga «abana b'inkuba.» Iyo habonekaga igituma Shebuja atemerwa igihe babaga bari kumwe na we, byabateraga umujinya bikabyutsa imico yabo y'urugomo. Imico ye irakazwa n'ubusa, kwihorera, ubwirasi no kwifuza umwanya wa mbere mu bwami bw'Imana, uko niko umwigishwa ukundwa yari ameze. Ariko buhoro buhoro ashobora kugenda ashimishwa n'urukundo no kwihangana kwa Yesu, kuko byari bihabanye cyane n'imico ye y'urugomo, ategera amatwi ye ibyigisho byo kwicisha bugufi no kwihangana yahabwaga. Yugururiye umutima we imbaraga y'Imana, maze ntianezezwa gusa no kumva amagambo y'Umukiza, ahubwo ashaka no kuyashyira mu bikorwa. Inariye ye ayihamba muri Kristo. Yiga kumukorera no kwikorera umutwaro we.

Yesu yacyahaga abigishwa be ndetse akanabaha imiburo nyamara Yohana n'abavandimwe be ntabwo bamuvuyeho; bifatanyaga na we batitaye ku gucyaha kwe. Umukiza ku ruhande rwe ntivyabihunza kubera intege nke zabo n'amakosa yabo.

Bakomeza gufatanya na we ibigeragezo bye no kunguka ibyigisho byo mu mibereho ye kugeza ku iherezo; kubera kwitegereza Kristo imico yabo irahinduka.

Intumwa zari zitandukanye mu mico yazo ndetse no mu migenzereze.

Hari umukoresha w'ikoro Matayo ari we Lewi, hakaba Simoni wagiraga ishyaka cyane, akaba atarumvikanaga n'ubutware bw'abaroma, hari na Petero w'umunyabuntu ariko agahubuka, Yuda we yari afite umutima uhishe uburyarya. Toma yari afite umutima mwiza, ariko akagira isoni, kandi akaba umunyabwoba, Filipo we umutima we watindaga kwemera kandi ukihambira ku gushidikanya, hanyuma hakaza bene Zebedayo bakundaga kwirarira ariko bakaba abanyakuri mu mibanire yabo na bene se. Abo bantu bose bateranirijwe hamwe buri wese afite aye mafuti no kubogamira ku bibi yabyirukanye cyangwa yaje kwandura hanyuma.

Bose bararikirwa kuba mu muryango w'Imana, bari muri Kristo no kubwa Kristo ngo azababashishe kugera ku rugero rushyitse rw'iby'umwuka. Bagombaga kuzahura n'ibigeragezo n'ibitekerezo binyuranye ndetse bishobora no gutera impaka, ariko amacakubiri yose yagombaga kwirindwa, igihe cyose bazemerera Kristo gutura mu mitima yabo. Urukundo rwe rwajyaga kubatera gukundana ubwabo, ibyigisho by'Umukiza byajyaga gushyira umusabano muri bo bakagarura ubumwe mu bigishwa, kugeza ubwo ku iherezo bazagira umutima umwe n'imitekerereze imwe, Kristo akaba ihuriro ryabo rikuru, bakarushaho kwegerana bo ubwabo, uko bazajya barushaho kwegera Kristo we huriro rya bose.

Yesu arangije kwigisha abigishwa be abateraniriza iruhande rwe, nuko apfukama hagati muri bo, arambura ibiganza bye hejuru y'imitwe yabo, maze arabasengera kugira ngo abereze inshingano yabo yera. Uko niko abigishwa b'Umukiza berejwe umurimo wabo wo kubwiriza ubutumwa.

Kristo ntabwo yatoranije abamarayika batacumuye, ngo abe ari bo bahagararira umurimo mu bantu, ahubwo yatoranije ibiremwa muntu, abanyantegye nke bameze nka bagenzi babo bashaka gukiza. Gufatanya kw'Imana n'abantu byabaye ngombwa, kugira ngo abantu babashe gukira byatumye Kristo yambara ubumuntu. Ubumana bwakeneye ubumuntu kugira ngo umuntu abone uko ashyikirana n'Imana. Uko niko bimera ku bagaragu n'intumwa za Kristo. Umuntu akeneye imbaraga yo hanze kandi imuruta kugira ngo imugaruremo ishusho y'Imana, kandi ngo imuhe ubushobozi bwo gusohozza umurimo w'Imana; nyamara ibyo ntabwo bihindura ubusa akamaro k'umuntu. Ubumuntu bukomazwa

n'imbaraga y'Imana, maze Kristo agatura mu mitima kubwo kwizera, bityo imbaraga y'umuntu igashobora gukora guhera ubwo kuko iba ifatanije n'imbaraga y'Imana.

Wa wundi wahamagaye abarobyi b'i Galilaya n'uyu muni aracyararikira abantu kuza mu murimo we. Aracyifuza rwose kugaragaza imbaraga ze adukoresheje nk'uko yakoresheje abigishwa be ba mbere. Uko imibereho yacu idatunganye yaba imeze kose, kandi ifite icyaha, Umukiza aduha guhinduka abafatanije na we, bagakora nk'uko yakoraga. Aturarikira kwakira inyigisho ze z'ubumana, kugira ngo nitwemera kwifatanya na we duhinduke abashobora gusohozwa umurimo we.

«Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga z'Isumba byose zibe iz'Imana, zidaturutse kuri twe⁷.» Niyo mpamvu kubwiriza ubutumwa bwiza byahawe abantu b'abanyabyaha aho guhabwa abamaraika. Biragaragara rwose ko imbaraga y'Imana ariyo ikorera mu ntege nke za kimuntu, bityo tugaterwa imbaraga no kwizera kw'iyi mbaraga yakijije abanyanteg nke nkatwe, natwe ubwacu yashobora kudukiza. «Abigeze kuba abanyanteg nke, babasha kwihanganira abatagira ubwenge n'abayobye⁸.» Kuko nabo ubwabo bahuye n'ibigeragezo, bazi akaga n'ingorane ziba mu nzira, kubw'ibyo rero bararikirwa gutabara abari mu kaga nk'ako ngako. Hariho imitima irembejwe no gushidikanya iremerewe n'umutwari w'ubumuga ku buryo kwizera guke kutayibashisha kwizera ibitaboneka; ariko inshuti iyo yegereye iyo mitima mu buryo bwumvikana, nk'uko Kristo yabigenzaga, yashobora kuyitera inkunga, maze igashikamisha kwizera kwayo kudakomeye kuri Kristo.

Tugomba kwereka ab'isi Yesu dufatanyije n'abamaraika b'ijuru. Abamaraika bategerezanya impuhwe nyinshi ko dufatanyira kuko umuntu ari we utuma habaho imishyikirano hagati y'umuntu n'undi. Kandi iyo twitanze tutizigamye, maze tukiye gurira Kristo, abamarayika banezwe n'uko bashobora kumenyakanisha urukundo rw'Imana bakoresheje amagambo yacu.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Mariko 3:13-19; Luka 6:12-16.

2. Abalewi 23:40.

3. Yohana 1:45.
4. Yohana 6:5-7.
5. Yohana 14:5-8.
6. Matayo 8:19,20.
7. 2 Abakorinto 4:7.
8. Abaheburayo 5:2.

***** ****

31. IKIBWIRIZWA CYO KU MUSOZI



Si kenshi Yesu yateranirizaga abigishwa be mu rwiherero kugira ngo abahe ibyigisho. Ntabwo yumvaga ko akwiriye kuvugana gusa n’abasanze bazi inzira y’ubugingo. Yifuzaga kugera ku bantu benshi, bakiryanye mu bujiji no kwibeshya. Ibyigisho byo kumenya ukuri yabyegerezaga imitima irushije iyindi gucura umwijima. Ubwe ni we wari ukuri yahoraga akenyeye, ibiganza bye biramburiye gutanga umugisha kandi agashaka kubyutsa abantu n’amagambo y’imiburo, guhugura no guhumuriza abantu bose bazaga bamugana. Ikibwirizwa cyo ku musozi¹ nubwo cyari kigenewe abigishwa by’umwihariko, yacyigishije hari inteko nini y’abantu. Nyuma yo kwihererana

n’abigishwa be, Yesu ari kumwe na bo begera inkombe y’inyanja, aho abantu bari bateraniye mu rukerera. Ubwo bari ku nkombe y’inyanja yegera abantu bari bateranye. Uretse inteko y’abantu bari bamenyereye guterana mu birorero by’i Galilaya, hari abantu bari baturutse i Buyuda ndetse n’i Yerusalemu ubwaho, n’abantu b’i Peleya n’ab’i Dekapoli, n’abo mu i Dumeya akarere kari kure cyane mu majyepfo y’Ubuyuda, n’ab’i Tiro n’i Sidoni mu midugudu y’Abafenisi ku nkengero z’inyanja ya Mediterane.

«Abo bose bumvise ibyo yakoze baza aho ari.» “Bazanywe no kumwumva no gukizwa indwara zabo, abantu bose bashakaga kumukoraho kuko imbaraga yamuvagamo ikabakiza bose².” Umwaro wari muto cyane ku buryo n’iyo ahagarara, bose batari kumva ijwi rye; nuko Yesu abaganisha hirya mu ibanga ry’umusozo. Ageze mu mpinga y’umusozo utohagiye, aho yashoboraga kubona umwanya ukwiranye n’inteko nini y’abantu, yicara hasi mu byatsi, abigishwa, n’iyo nteko nini bagenza nka we.

Abigishwa bari bicaye hafi ya Yesu. Nubwo inteko nini yari imukikije impande zose abigishwa bamwumvaga bahugutse kandi bari bazi ko inshingano yabo ari iyo kutagira ijamba na rimwe ryo mu nyigisho ze batakaza, kugira ngo basobanukirwe neza ukuri bagomba kuzakwirakwiza mu isi yose mu bihe byose.

Bakikije Umwigisha wabo biyumvamo ko hari ikintu kidasanzwe kubera ibintu byari byabaye muri icyo gitondo, bibwiraga ko ubwami bwe bugiye guhita bushyirwaho. Imitima y'inteko y'abantu na yo yari yuzuwemo n'igitekerezo cy'ubwiza bw'ahazaza, yari itegerezanyije igishyika n'amatsiko menshi cyane agaragara ku maso yabo. Aho hari abanditsi n'abafarisayo, bahoraga bifuza kuzabona umunsi bazashobora kwiganzura abaroma bangaga maze bakishimira ubutunzi n'ubwiza bw'ingoma ngari yiganzuye isi yose. Abaturage b'abinazi ndetse n'abarobyi bishingikirizaga ku masezerano bumva ko bazabona ingoro z'agatangaza n'ubuzima bushimishije, bugasimbura utururi twabo no kwicwa n'inzara. Ndetse bari bamaze kwibona bambaye imyambaro y'imirimbo y'igiciro cyinshi yambarwa n'abaneshi isimbuye umwambaro mubi bambaraga ku manywa, byagera nijoro bakawiyorosa. Imitima yose yasabagizwaga n'ubwirasi iyo bibukaga Isirayeli, ishyanga ryatoranyijwe n'Uwiteka ryari rigiye guhabwa icyubahiro imbere y'amahanga maze na Yerusalemu ikaba umurwa mukuru w'ubwami bw'isi yose.

Kristo yaciye intege ibyiringiro byabo byo gushaka icyubahiro cy'isi. Akoresheje ikibwirizwa cyo ku musozi, Yesu yihatira gusenya ibyubatswe n'inyigisho ipfuye maze aha abamwumva ubusobanuro nyakuri bw'ubwami bwe n'imico ye nyakuri. Ariko nyamara ntiyahita yinjira cyane mu binyoma bya rubanda, kubera ko yabonaga ubukene icyaha cyakururiye isi, ntiyitaye cyane ku bukene bwabo ngo abushyire ahagaragara. Yababwiye ibintu birusha kuba byiza ibyo basanzwe bazi. Aho kurwanya ibitekerezo bisanzwe byerekeranye n'ingoma y'Imana, yabaretse ibyangombwa byo kwemererwa kubwinjiramo, kandi areka buri wese ngo abe ari we wifatira umwanzuro ku byerekeye kamere y'ubwo bwami. Ukuri yigishaga muri icyo gihe ntabwo gufite agaciro gakeya haba kuri twe cyangwa ku nteko y'abantu bari bamukurikiye icyo gihe. Ari iyo nteko, ari natwe twese dukeneye kumenya amahame agize urufatiro rw'ingoma y'Imana.

Amagambo ya mbere Kristo yabwiye inteko y'abantu igihe yari ku musozi yari amagambo y'umugisha. Aravuga ati: hahirwa abakene mu mitima yabo. Kuko ari bo bifuza gucungurwa. Ubutumwa bugomba kubwirwa abakene, ntabwo ari

abanyagasuzuguro biyumvamo ko ari abakungu, maze bakumva ko ntacyo bakeneye, ahubwo ni ubw'ab'imitima yicisha bugufi ishenjaguwe. Isoko yo koza ibyaha yarafukuwe, ariko igerwaho gusa n'abakene mu mitima yabo.

Umutima wirarira ukoresha imbaraga zawo zose kugira ngo wumve ko ukeneye agakiza; ariko gukiranuka kwa Yesu nicyo cyemezo rukumbi kitwizeza kwinjira mu ijuru. Uwiteka ntacyo ashobora gukorera umuntu ngo amukize mbere yuko yiyumvisha intege nke ze akiyambura gukiranuka kwe yiha, maze akicisha bugufi kugira ngo ayoborwe n'imbaraga y'Imana. Ubwo nibwo aba yiteguye kwakira impano Imana ishaka kumugezaho. Nta na kimwe kitemererwa umutima wiyumvamo ko ukeneye ubufasha, umutima umeze utya ufite uburenganzira bwo kwegera uwo ubumana bwose bwuzuriramo. «Nimwumve iko iyo iri hejuru cyane ituye ahahoraho ivuga, izina ryayo ni Uwera ikavuga iti : aho ntuye ni hejuru kandi harera. Mbana n'ufite umutima umenetse, wicisha bugufi, kugira ngo mpembure imyuka y'abicisha bugufi n'abafite imitima imenetse³.»

«Hahirwa abashavura kuko aribo bazahozwa ! » Aya magambo ya Kristo ntavuga ko mu marira ubwayo harimo ubushobozi bwo guhanagura icyaha. Ntahamanya na gato n'abashaka kwigira uko batari cyangwa se kwibombarika. Mu bitekerezo by'Umwigisha ntiyavugaga ibyo kugaragaza umubabaro ishavu cyangwa se kugira amaganya. Nubwo tubabazwa n'ibyaha byacu, tugomba kunezewa n'uko dufite umudendezo wo kuba abana b'Imana.

Duhora tubabazwa n'ibikorwa byacu bibi, ariko tubitewe n'uko ingaruka yabyo atari nziza, uko siko kwihana nyakuri. Gushavuzwa n'icyaha bivuye ku mutima ni ingaruka y'igikorwa cy'Umwuka wera. Umwuka wera ni wo umenyekanisha ubugoryi bw'umutima utitaye ku Mukiza maze ukamutera agahinda, kandi Umwuka niwe uducyamura ukatugeza munsu y'umusaraba ngo twihane. Buri cyaha cyose cyongerera kumutera ibindi bikomere. Iyo twitegereje uwo twacumise turizwa n'ibyaha byatumye agirirwa nabi atyo. Amarira nk'ayo atera kwanga icyaha.

Abantu b'isi uwo mubabaro bawubonamo intege nke, nyamara ibiri amambu iyo ni imbaraga ihuza umutima wihannye n'Imana Ishobora byose mu

buryo bukomeye. Iyo mbaraga yerekana ko abamarayika b’Imana bazana mu mutima ubuntu yari yaratakaje kubera kwintangira n’igicumuro. Amarira yo kwihana ni nk’ibitonyanga by’imvura bikurikirana no kurabagirana kw’izuba ryo gukiranuka. Bene ako gahinda ni ikimenyetso cy’integuza y’umunezero uzabera umutima w’umuntu isoko y’ubugingo. « Icyo nshaka kimwe ni uko wemera ibyaha byawe, ibyo wacumuye k’Uwiteka Imana yawe»; « Sinzakurebana igitsure kuko ndi umunyambabazi niko Uwiteka avuga⁴. » « Yantumye no gushyiriraho itegeko ab’i Sioni barira » ryo kubaha « ikamba mu cyimbo cy’ivu n’amavuta yo kunezerwa mu kigwi cyo kwirabura, n’umwambaro w’ibyishimo mu kigwi cy’umutima wihebye⁵. » N’ubu hariho ibihumuriza ku baririra mu bigeragezo no mu mubabaro. Ishavu n’umubabaro ndetse no gucishwa bugufi biruta cyane kwishimira mu byaha. Mu mubabaro niho Imana itwerekera ibizinga byo mu mico yacu, kugira ngo kubw’ubuntu bw’Imana tubashe gutsinda amafuti yacu. Imibereho yo mu bugingo bwacu yari yarirengagijwe, idushyirwa imbere, maze ikigeragezo kikaza ngo kitwereke niba dushaka kwemera ugucyaha n’inama z’Imana. Mu bigeragezo ntudukwiriye kwivovota no kwiganyira cyangwa kwivumbura dushaka kuva mu biganza bya Kristo. Ahubwo dukwiriye kwicisha bugufi imbere y’Imana. Inzira z’Uwiteka zigaragarira kamere yacu nk’izijimye kandi ziteye agahinda. Nyamara inzira z’Imana ni iz’impuhwe, kandi iherezo ryazo ni agakiza. Eliya ntabwo yari azi icyo yakora ari mu butayu, ubwo yavugaga ko arambiwe kubaho akisabira urupfu. Uwiteka ni mwiza, ntabwo yafashe ayo magambo nk’uko ayavuze. Eliya yari agifite umurimo munini agomba gukora, kandi ntabwo yari yaragenewe gupfira mu kwiheba no mu kidaturwa cy’ubutayu, ubwo azaba arangije umurimo we. Ntabwo yagombaga kumanuka mu mukungugu wo mu isi, yari agiye kujya mu igare ry’umuriro, maze akazamurwa mu cyubahiro agana ku ntebe y’Imana.

K’ufite umutima ubabaye Imana iravuga iti : «Nabonye ingeso ze nzamukiza, kandi nzamuyobora musubize ibyo kumumara umubabaro hamwe n’abamuborogeye.» «Kandi nzabahumuriza mbatere kunezerwa mu kigwi cy’umubabaro wabo⁶.»

«Hahirwa abagwaneza». Ingorane duhura na zo zishobora koroshywa cyane n’ubwo bugwaneza buhishwe muri Kristo. Nitugira kwicisha bugufi nk’uk’Umwigisha, tuzarenga agasuzuguro, gutukwa n’ibidutesha umutwe duhura na byo iminsi yose, kandi ibyo byose bizareka gutera agahinda umutima wacu.

Kwitegeka ni wo muco mwiza w'ubupfura ku mukristo. Uwo ibitutsi no gufatwa nabi bibuza amehwemo n'ibyiringiro, aba abujije Imana uburenganzira bwayo bwo kumwiyerekera mu butungane bwayo. Mu kwicisha bugufi k'umutima aricyo kiranga abagirana umushyikirano n'abo mu bikari byo mu ijuru, nicyo gihamya gutsinda kw'abigishwa ba Kristo.

“Kuko nubwo Uwiteka akomeye, yita ku bicisha bugufi n'aborohoje⁷.“ Imana irebana impuhwe nyinshi abagaragaza umuco w'ubugwaneza no kwicisha bugufi bya Kristo. Nubwo ab'isi babagira ibishungero bafite agaciro kenshi mu maso y'Imana. Ntabwo ari abahanga gusa n'abakomeye n'abagira neza, nta nubwo ari abakozi b'abanyamwete kandi buzuye ishyaka bazahabwa urupapuro rubemerera kujya mu ijuru bonyine; ahubwo n'abakene mu mitima yabo, bahagizwa no kuba iruhande rwa Kristo, n'abicisha bugufi, bakumva icyirakwa cyabo cy'ingenzi ari ugukora iby'ubushake bw'Imana abo nabo, kwinjira bazabyemererwa nta shiti. Bazaba mu bahirwa bameshe ibishura byayo bakabyejesha amaraso y'Umwana w'intama. «Nicyo gituma baba imbere y'intebe y'Imana, bakayikorera mu rusengero rwayo ku manywa na nijoro. Kandi Iyicara ku ntebe izababambaho ihema ryayo⁸.»

«Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka». Umutima wiyumvamo ko udakwiriye uzagira inzara n'inyota byo gukiranuka, kandi icyo cyifuzo ntabwo kizaba imfabusa. Abaha Kristo umwanya mu mitima yabo, bazagaragaza urukundo nk'urwe. Abifuza cyane kugaragaza ishusho y'imico y'Imana, bazanyurwa. Umwuka Wera ntiyima ubufasha umutima urangamiye kuri Yesu. Afata ibya Kristo akabiha uwo mutima. Nidukomeza guhanga amaso kuri Kristo umurimo w'Umwuka Wera ntuzahagarara kugeza ubwo umutima uzahindurwa, ugasa na we. Urukundo ruboneye ruzuzura umutima ruwutere kugera ku cy'ingenzi gihanitse kandi wakire ubumenyi bw'ibintu byo mu ijuru, ku buryo nta kintu na kimwe kigize ukubonera nyakuri uzabura. «Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka kuko bazahazwa.»

«Hahirwa abanyambabazi.» Umunyambabazi azagirirwa imbabazi, kandi ufite umutima uboneye azabona Imana. Igitekerezo cyose cyononekaye cyanduza umutima, kikananiza inzira z'ubwenge kikagerageza gusibanganya ibiyumviro

bizanwa n'Umwuka Wera. Cyijimisha iyerekwa ry'iby'Umwuka Wera, maze kikabuza abantu kwitegereza Imana. Uwiteka ashobora kandi yifuza kubabarira umunyabyaha wese wihana; nyamara na nyuma y'imbabazi umutima ukomeza guta isura. Umuntu wese wifuza gusobanukirwa ukuri kw'iby'umwuka agomba kwirinda rwose, ukutabonera kose haba mu magambo cyangwa mu bitekerezo.

Ariko amagambo ya Kristo avuga ibirenze kuba utanduye mu biyumviro cyangwa se kutagira imihango yanduye, ari byo abayuda bitagaho cyane. Inarinjye ituma tudashobora kwitegereza Imana. Umutima wihugiraho ubwawo utekereza Imana ku ishusho yawo ubwawo. Igihe cyose tuzaba tukigundiye ibyo bintu ntabwo tuzashobora gusobanukirwa na Rukundo. Umutima wiyanze rwose, wicishije bugufi kandi wiringira wonyine ni wo uzabona mu Mana ikizima «kigira impuhwe n'ibambe n'imbabazi kandi itinda kurakara ifite kugira neza kw'inshi⁹.» «Hahirwa abakiranuka.» Ukuri niko kubara amahoro ya Kristo. Ayo mahoro ahamanya n'Imana. Ab'isi ni abanzi b'amategeko y'Imana kandi abanyabyaha bakaba abanzi b'Umuremyi wabo, bityo rero ingaruka ni uko nabo ubwabo bangana. Ariko umunyezaburi we yaravuze ati : «Abakunda amategeko yawe bagira amahoro menshi nta kigusha bafite¹⁰.» Abantu ntibashobora gutanga amahoro. Imigambi y'abantu ifite intego yo kuboneza no kuzana amajyambere y'abantu cyangwa se amashyirahamwe, ntishobora kuzana amahoro kuko iba idakora ku mitima. Ubuntu bwa Kristo nibwo bwonyine bushobora kurema no kwimakaza amahoro nyakuri. Igihe ubwo buntu bushinze imizi mu mutima, bwirukanamo ibitekerezo bibi bitera intambara n'impagarara. «Mu cyimbo cy'umufatangwe hazamera umuberoshi, mu cyimbo cy'umukeri hazamera umuhadasi. Ubutayu n'umutarwe bizanezerwa¹¹.»

Iyo nteko nini yarumiwe yumvise ibyo bintu, bihabanye n'amategeko ndetse n'icyitegererezo cy'abafarisayo. Abantu bajyaga bibwira ko umunezero uzanwa no kugira ubutunzi bw'iyi si, ko ukumenyekana n'ibyubahiro by'abantu byari ngombwa kubiharaniye. Bibwiraga ko kwitwa Umwigisha, gushimwa ko umuntu afite ubuhanga kandi atunganye no kugaragaza kugirira ubuntu mu ruhamwe, ari umunezero w'ikirenga. Ariko Yesu avugira imbere y'iyi nteko nini ko abantu bameze batyo nta kindi bategereje uretse izo nyungu n'ibyubahiro byo mu isi gusa. Yabivuganaga ubutware ku buryo amagambo ye yahitaga abemeza.

Rubanda rwose ruhita rucecekesha, kandi ubwoba bwinshi burarusaba. Abantu babazanyishaga indoro yabo bumiwe. Niba uyu muntu ibyo avuze ari ukuri ninde

uzakizwa? Benshi bari bamaze kwemezwa rwose ko uwo Mwigisha ukomeye ayoborwa n'umwuka w'Imana kandi ko ibyo avuga ari ubushake bw'Imana.

Amaze gusobanura umunezero nyakuri, kandi amaze no kwerekana ibyangombwa bisabwa kugira ngo uwuhabwe, Yesu asobanurira abigishwa be biruseho, ababwira inshingano zabo nk'abigishwa batoranijwe n'Imana kugira ngo bayobore abantu mu nzira yo gukiranuka no mu bugingo bw'iteka. Yateganyaga ko kenshi cyane bazajya basakirana n'ibirushya n'ibibaca intege, n'ababarwanya babashinyikiye, ibitutsi, ndetse ko n'ubuhumya bwabo buzangwa. Yari azi neza ko mu gusohoza umurimo wabo, abo bantu baciye bugufi bamwumvaga bazabeshyerwa, bagafungwa ndetse bakanicwa. Niyo mpamvu yakomeje amagambo agira ati :

«Hahirwa abarenganyirizwa gukiranuka kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo. Namwe muzahirwa, ubwo bazabatuka bakabarenganya bakababeshyera ibibi byinshi babampora. Muzanezerwe, muzishime cyane kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru, kuko ariko barenganyije abahanuzi ba mbere.»

Ab'isi bakunda icyaha, bakanga gukiranuka niyo mpamvu bagaragara ari abanzi ba Yesu. Abantu banga urukundo rwe rutagira akagero babona ubukristo ari ikintu gitera impagarara. Umucyo wa Kristo utamurura umwijima utwikiriye ibyaha byabo, maze ugashyira ahabona ubugorizi bukenewe. Mu gihe abemerera imbaraga y'Umwuka Wera baba barimo kwirwanya, abakomeza kwihambira ku cyaha bo baba barwanya ukuri n'abaguhagarariye.

Uko niko intambara yaduka maze abigishwa ba Kristo bakaregwa ko ari bo ba nyirabayazana b'iyo mivurungano. Nyamara ahubwo umusabano wabo n'Imana niwo utuma baba abanzi b'isi. Bemera kwikorera urubwa rwa Kristo. Banyura mu nzira yanyuzwemo n'inyamibwa mu bantu. Aho kugira ngo akarengane kabababaze ahubwo kagomba kubatera kwishima. Ibigeragezo bikomeye cyane ni uburyo Imana ikoresha kugira ngo ibatunganye kandi ibagire abakozi bayo babikwiriye. Buri ntugunda yose ifite umwanya wayo mu ntambara ikomeye yo kurwanirira gukiranuka kandi izongera umunezero ku kunesha guheruka. Aho gushidikanya no guhunga ibigeragezo byo kwizera no kwihangana kwabo, ahubwo bazabyakirana umunezero. Bashishikajwe no kwikiza umwenda bafitiye isi, kandi bifuzwa

kwemerwa n’Imana, abagaragu bayo bazasohozza inshingano zabo zose badatewe ubwoba n’urwango cyangwa urukundo abantu bazabagirira.

Yesu yaravuze ati : «muri umunyu w’isi». Ntimwihunze isi ngo murahunga akarengane. Mugomba kuguma mu bantu, kugira ngo urukundo rw’Imana rube umunyu urinda isi kwangirika. Imitima yemera kuyoborwa n’Umwuka wera ihinduka imiyoboro Imana inyuzamo imigisha yayo. Abakorera

Imana baramutse bakuwe mu isi kandi n’Umwuka wera agakurwa mu bantu, isi yagwa mu gahinda n’irimukiro ari byo ngaruka y’ubuyobozi bwa satani. Nubwo batabibona, abagome bakeneye umugisha w’uko ubwoko bw’Imana bukiri mu isi, nubwo babasuzugura, kandi bakabarenganya. Ariko abakristo ku izina gusa bameze nk’umunyu wataye uburyohe. Ntacyo bamariye isi kandi nabo gutinywa cyane kuruta abatizera, kuko bamenyekanisha Imana uko itari.

«Muri umucyo w’isi.» Abayuda biyumvagamo ko agakiza ari akabo gusa; Kristo abereka ko agakiza ari nk’umucyo w’izuba ukwira isi yose. Idini Bibliya yigisha ntabwo ikingiranirwa mu bifuniko by’igitabo cyangwa mu bisika by’urusengero. Ntabwo umuntu yayikoreshereza ku bw’inyungu ze bwite, maze ngo ubundi ayireke. Igomba kweza imibereho ya buri muni, ikagaragazwa mu bikorwa byose no mu masano yose tugirana n’abo tubana.

Imico ntabwo ari umwambaro umuntu abasha kwifubika; ni ikintu kirabagiranira imbere. Niba dushaka kuyobora indi mitima mu nzira yo gukiranuka birakwiriye ko amahame yo gukiranuka aba atwikiriwe mu mitima yacu. Umuntu ashobora kwigisha amagambo asanzwe yo kwizera, akigisha idini ku magambo gusa, nyamara icyangombwa ni ugukiranuka gushyizwe mu bikorwa kugira ngo ijamba ry’ukuri rigaragarire mu maso y’abantu. Imibereho ihuje n’ibyo, ibiganirwa byera, ubukristo butajegajega, umutima ugira umwete, kugira ubuntu n’icyitegererezo cyo kwera, ubwo ni bwo buryo bwakoreshwa mu kugeza umucyo ku bo mu isi.

Yesu ntiyagarukiye ku myihariko y’amategeko, kandi ntiyakundiye abamwumva gutekereza ko yaje gukuraho ibisabwa na yo. Yari azi ko abatasi biteguye gufata ingingo zabashoboza kugera ku migambi yabo. Yari azi ibyo bibwira biri mu mitima myinshi y’abamwumvaga, bituma atagira icyo avuga cyahungabanya ukwizera kwabo mu by’idini bahawe na Mose. Kristo ubwe ni we

wari warabahaye amategeko y’Imana n’amategeko y’imihango. Yesu yirinze cyane gukuraho ibyiringiro bari barakiranye amabwiriza yari yarabihereye. icyubahiro yari afitiye amategeko n’abahanuzi nicyo cyamuteye gusenya urusika rw’ibisabwa n’imihango rwari rufungiranye abayuda. Nubwo yanze ubusobanuro bupfuye bahaga amategeko, yategetse abigishwa be kutareka ukuri kuzima kwahawe abaheburayo.

Abafarisayo birataga ko bubaha amategeko, nyamara amagambo y’Umukiza yabamereye nk’ubuyobe, kuko batari bafite ubumenyi bw’amahame y’ayo mategeko, buboneshwa gusa no kuyashyira mu bikorwa buri muni. Igihe Umwigisha yakuragaho ibishingwe bari barahambyemo ukuri, batekereje ko yari arimo asenya ukuri ubwako. Bahwihwisaga hagati yabo ubwabo, babwirana ko Yesu asuzugura amategeko. Asomye ibitekerezo byabo niko kubabwira ati :

«Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohozza.» Kubw’ayo magambo, Yesu yari acyashye ibirego by’abafarisayo. Umurimo we hano ku isi wari uwo kuburanira uburenganzira bw’amategeko yera ayo bamushinjaga ko yica. Iyaba amategeko y’Imana yari gushobora guhindurwa cyangwa gukurwaho Kristo ntaba yarababajwe n’ingaruka zo gukiranirwa kwacu. Yazanywe no gusobanura isano iri hagati y’amategeko n’abantu no gusobanurisha amategeko imibereho yumvira.

Kubera ko Imana yakunze abari mu isi nicyo cyayiteye kubaha amategeko yayo yera. Kugira ngo turindwe ingaruka z’igicumuro, aduhishurira amahame yo gukiranuka. Amategeko ni yo agaragaza ubushake bw’Imana; iyo tuyakiriye turi muri Kristo, ahinduka icyifuzo cyacu bwite. Aratuzamura akadukuza tugasiga icyifuzo n’ibyo kamere yacu irarikira, tugatsinda ibigeragezo bidutera gucumura. Imana itwifuriza kugira umunezero kandi icyayiteye kutugezaho amategeko yayo, kwari ukugira ngo tugubwe neza. Ubwo abamaraika baririmbaga Yesu yavutse ngo :

“ Mu ijuru icyubahiro kibe icy’Imana, no mu isi amahoro abe mu bo yishimira¹²!”
bavugaga amahame y’amategeko Yesu yari aje kugaragaza no guhesha icyubahiro.

Imana ikoresheje amategeko yatangiye ku musozi wa Sinayi, yamenyesheje abantu ukwera kw'imico ya yo; ibiri amambu rero yashakaga kubagaragariza neza imibereho yabo bwite y'icyaha. Amategeko yagombaga kubemeza iby'icyaha no kubatera gukenera Umucunguzi. Iyo ni yo ngaruka nziza iboneka iyo amahame ayarimo asohorejwe mu mutima n'Umwuka wera. Umurimo nk'uwo, ugomba gukomeza. Amahame y'amategeko yagaragajwe mu mibereho ya Kristo : igihe Umwuka wera w'Imana akabakabye ku mutima, kandi n'umucyo wa Kristo ukereka abantu ko bakeneye amaraso yeza no gukiranuka gutsindishiriza, ubwo ni bwo amategeko aba umushorera utugeza kuri Kristo ngo dutsindishirizwe no kwizera. "Amategeko y'Uwiteka atungana rwose asubiza intege mu bugingo¹³." "Kandi ndababwira ukuri ko ijuru n'isi, kugeza aho bizashirira amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato kugeza aho byose bizarangirira." Niko yavuze. Izuba rimurikira mu kirere, iyi si dutuyeho, ni ibihamya by'uho amategeko y'Imana ahoraho. Bibashije kuvaho, amategeko y'Imana yo yagumaho. "Icyoroshye ni uko ijuru n'isi byashira kuruta ko agace k'inyuguti imwe yo mu mategeko kavaho¹⁴." Ibimenyetso byose byasuraga Yesu nk'Umwana w'intama byagombaga kurangira ari uko apfuye; ariko amategeko cumi y'Imana ntahinduka nk'uho intebe y'Imana idahinduka.

Noneho rero ubwo "amategeko y'Uwiteka atunganye rwose", kuyigizayo, nubwo byaba ari gato cyane ni ikintu kibi rwose. Kristo aciraho iteka abatumvira amategeko y'Imana kandi bakigisha gukora batyo. Imibereho y'Umukiza yo kumvira yashyigikiraga ubusugire bw'amategeko; yagaragazaga ko amategeko ashobora kubahirizwa mu bantu, yerekana ubwiza bw'imico byo mbuto yo kumvira. Abantu bose bakurikiza icyitegererezo cye baba bahamije ko amategeko ari ayera, akiranuka, kandi ari meza¹⁵. Ku rundi ruhande abica amategeko baba bahaye satani impamvu we uvuga ko amategeko akiranirwa ataboneye, ku buryo ntawashobora kuyumvira. Bityo bakaba bahaye intebe ibishuko by'uwo mwanzi ukaze, maze bagatesha Imana agaciro. Abo ni abana b'umugome, wa wundi wafashe iya mbere yo kwanga no kwigomeka ku mategeko y'Imana. Bene abo, kubinjiza mu ijuru ni ukugarurayo ibintu bitera kwirema ibice, kwigomeka no gushyira mu kaga umunezero w'ibyaremwe byose. Umuntu ukerensa amahame y'amategeko ntabwo azemererwa kwinjira mu bwami bw'Imana.

Abigishamategeko bemezaga ko gukiranuka kwabo ari icyemezo kibahesha uburenganzira bwo kujya mu ijuru; Yesu yavuze ko ibyo bidahagije ndetse bitanakwiriyeye. Gukiranuka kw'abafarisayo kwari kugizwe n'imigenzo igaragarira

inyuma iherekejwe n'ubumenyi bw'ukuri ko mu magambo gusa. Abigishamategeko bibwiraga ko bashobora kugera ku rugero rwo kwera bihatiye gukomeza amategeko; nyamara kubw'imirimo yabo bari baratandukanije gukiranuka n'idini yabo. Mu kugira umwete mwinshi wo kwitondera amategeko y'imihango gusa, biberaga mu bibi byose byo guta umuco no kononekara. Ibyo bitaga gukiranuka kwabo, nta mahirwe na make kwari gufite yo kubinjiza mu bwami bw'ijuru.

Ikosa rinini umutima w'umuntu wari ufite mu gihe cya Kristo ryari iryo kwibwira ko umuntu ashobora guhabwa gukiranuka kubwo gupfa kwakira ukuri. Ubunararibonye bwa kimuntu bwagaragaje ko kumenya ukuri ku mvugo gusa bidashobora gukiza umutima no kwera imbuto zo gukiranuka. Ishyari rikomeye ry'ibyo bita ukuri kw'iby'iyobokamana, akenshi riba riherekejwe n'umutima wo kwanga ukuri kw'ibanze nk'uko kugaragara mu mibereho. Ibihe bicuze umwijima byo mu mateka ni ibyagumanye urwibutso rw'ibyaha byakozwe n'abakabyaga mu by'idini. Abafarisayo biyitaga ko ari abana ba Aburahamu kandi bakirata ko bafite ibyavuzwe n'Imana, nyamara ayo mahirwe yabo ntiyabarinze inarinjye, uburyarya, gukunda impiya n'uburiganya bukabije.

Bizeraga ko ari bo bantu b'abanyadini ku isi yose, kandi uko kwibwira batyo ni ko kwabateye kubamba Umwami w'icyubahiro.

Akaga nk'ako ngako karacyariho n'uyu muni. Abantu benshi biyumvamo ko ari abakristo gusa, kuko bagendera ku ihame runaka ry'iby'iyobokamana. Ariko ntabwo bacengeje ukuri mu mibereho yabo isanzwe, ntabwo bakwizera kandi nta nubwo bagukunda, niyo mpamvu batahawe imbaraga n'ubuntu, aribyo mbuto y'ukuri kweza. Umuntu ashobora kwigisha ko yizera ukuri nyamara iyo kutamuhinduye umwizerwa, ukunda abandi, wihangana, wacengewe n'ibitekerezo by'ijuru aba yihindukiye umuvumo we ubwe kandi akabera abandi bose umuvumo.

Gukiranuka Kristo yigishaga gushingiye ku guhuza umutima n'imibereho maze bigasa n'ubushake Imana yahishuye. Abantu b'abanyabyaha bashobora guhinduka abakiranutsi ari uko bizeye Imana kandi bakagirana isano nzima. Ubwo nibwo kwizera gukiza ibitekerezo kandi kugatera imibereho kuba imbonera, maze idini igaragarira amaso igahuza no kwera kw'imbere mu mutima by'umukristo;

icyo gihe ibikorwa mu murimo w’Imana bireka gukomeza kuba imigenzo itagira icyo imaze nka ya yindi y’abafarisayo b’indyarya.

Yesu asobanura buri tegeko ukwaryo, maze agasobanura mu buryo bwimbitse aho rigenda rikagera. Aho kuyagabanyiriza imbaraga zayo, agaragaza aho amahame ayakubiyemo agarukira maze akanagaragaza ikosa ribi ryakorwaga n’abayuda banezewaga no kwerakana kumvira kugaragarira amaso gusa. Avuga ko igitekerezo kibi cyangwa se kureba ukifuza ari ukwica itegeko ry’Imana. Uwo ari we wese ugaragaraho uburiganya naho bwaba buto cyane aba yishe amategeko, kandi aba yiyononnye. Kwica bibanziriza mu mutima. Uwemerera umutima we kugira igitekerezo cy’urwango aba yishyize mu nzira y’ubwicanyi kandi igitambo cye ni ikizira mu maso y’Imana.

Abayuda bari bafite umutima wo gushaka kwihorera. Urwango bagiriraga abaroma rwabateraga guhora babarwanya. Bashimishaga satani bagaragaza imico ye, bityo baba biteguriye ibintu bikomeye yari kuzabakoresha bidatinze. Nta kintu cyo kwera cyabonekaga mu bafarisayo cyari gutuma abapagani bemera idini yabo. Yesu abahugurira kutibeshya bibwira ko bemerewe kwanga ababarenganyaga no gushyonyagiza ibyiringiro byabo byo kwihorera.

Ni iby’ukuri ko hariho uburakari bwemewe ndetse no mu bigishwa ba Kristo. Hari ubwo umuntu agira uburakari butari icyaha, ariko bitewe n’imbuto y’umutimanama wumva, n’igihe umuntu abonye Imana isuzuguwe cyangwa umurimo wayo uteshwa agaciro cyangwa se ukabona umukiranutsi arenganyijwe. Ariko abantu bagira uburakari cyangwa umujinya igihe cyose bumva ko bahemukiwe baba bugururiye satani imitima yabo. Ni ngombwa ko umujinya n’uburakari bwose bicibwa mu mutima w’umuntu ushaka kugirana umushyikirano n’ijuru.

Umukiza yarakomeje ageza kure cyane. Niko kuvuga ati : «Nuko nujyana ituro ryawe ku gicaniro ukibuka ko ufite icyo upfa na mwene so, ushyire ituro ryawe imbere y’igicaniro ubanze wikiranure na mwene so uhareke ugaruke uture ituro ryawe.» Benshi bajyana ishyamba ryinshi mu murimo w’idini, mu gihe bafite ibyo bapfa n’abavandimwe babo byari bikwiriye kubanza gukemurwa. Imana itegeka ko abantu nk’abo, babanza gukora ibyo bashobora byose ngo babanze bagarure

ubwumvikane n’umusabano. Imirimo yabo yo gusenga izemerwa gusa ari uko bagenje batyo. Inshingano y’umukristo ku birebana no kwikiranura isobanutse neza.

Umwami Imana akwiza imigisha ye ku bantu bose. «Itegeka izuba rye kurasira ababi n’abeza, kandi abakiranuka n’abakiranirwa abavubira imvura.» «Kuko agirira neza ababi n’indashima¹⁶.» Umwami Imana aturarikira gusa na we. Yesu yaravuze ati : «Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya.» «Nibwo muzaba abana ba So wo mu ijuru.» Ibyo nibyo rufatiro rw’amategeko kandi muri iyo Soko ni naho hakomoka ubugingo.

Icyiza Imana yifuriza abana bayo gisumbye cyane icyo abana b’abantu bibwira. «Nuko namwe mube mukiranutse nk’uko So wo mu ijuru akiranuka.» Iri tegeko rikubiyemo isezerano. Inama y’agakiza yo gucungura umuntu itegura kubaturwa kwacu tukavanwa burundu mu maboko ya satani. Kristo yirukana icyaha mu mutima wemera guhinduka by’ukuri. Yazanywe no kumaraho imirimo y’umwanzi satani, kandi Yesu yateganyije ko Umwuka wera ahabwa umutima wose wihana ngo awurinde icyaha.

Nta kigeragezo na kimwe kigomba gutanga urwitwazo rwo gucumura. Satani acinya akadiho iyo yumvise abavuga ko ari abigishwa ba Kristo bashaka impamvu zo gusobanura igitera kamere yabo mbi. Uko niko umuntu yibona yacumuye. Nta rwitwazo rwo gukora icyaha. Imibereho yejeje, ubuzima bumeze nk’ubwa Kristo bishobora guhabwa Umwana w’Imana wese wihana kandi wizera.

Icyiza ku mico ya gikristo ni ugusa na Kristo. Nkuko Umwana w’umuntu yagize imibereho itunganye, niko n’abigishwa be na bo bagomba kugira imibereho iboneye. Yesu yihwanye n’abavandimwe be muri byose. Yahindutse umuntu nka twe. Yarashonje, agira inyota kandi akananirwa. Yagombaga kurya kandi agasinzira kugira ngo agarurirwemo akabaraga, yasangiye n’abantu ibibabaza, ariko akomeza kuba Umwana w’Imana utagira inenge. Yari Imana yigize umuntu. Imico ye ikwiye guhinduka iyacu. Ku bamwizera, Yesu aravuga ati : «Nzatura muri bo, ngendere muri bo, nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye¹⁷.»

Kristo ni we rwego Yakobo yabonye rwari rushinzwe ku isi, rukageza umutwe mu ijuru ku irembo ry'ubwiza. Iyo hagira umutambiko n'umwe ubura urwego ntirukore ku isi, twari kuba turimbutse. Ariko Kristo araza akatugeraho. Yafashe kamere yacu maze aranesha kugira ngo nafata kamere ye natwe tube abaneshi. Yesu yaje «afite ishusho ya kamere y'ibyaha¹⁸.» Ariko abaho imibereho itagira icyaha. None ubu kubera kamere ye y'ubumana yafashe intebe y'ubwami mu ijuru mu gihe ashobora kutugeraho kubera kwigira umuntu kwe. Aturarikira kwifatanya n'ubwiza bwa kamere y'Imana tumwizera. Nuko rero kubw'ibyo dukwiriye kuba abakiranutsi nk'uko "Data wo mu ijuru akiranuka."

Yesu amaze kugaragaza icyo gukiranuka bivuga n'uburyo gufite isoko yako mu Mana, arondora zimwe mu nshingano zo muri ubu buzima. Avuga ko abantu nibatanga ubufasha bagasenga ndetse bakiyiriza ubusa, badakwiriye kubikorera kwigaragaza cyangwa se gushaka gushimwa. Bakwiriye gutangana umutima ukunze, kugira ngo bagoboke abakene. Mu isengesho ni ho umutima usabanira n'Imana. Abiyiriza ubusa ntibakwiriye gucurika umutwe no kugira ibitekerezo byo kwikunda. Umutima w'umufarisayo ni nk'ubutaka bwarubye aho imbuto yose y'imibereho y'ubumana idashobora kumera. Uko urushaho kwiha Imana utizigamye, niko urushaho kuyinezeza. Kubwo gusabana n'Imana, abantu bahinduka abakorana na yo, nk'abihatira kugaragaza imico y'Imana mu bantu.

Umurimo ukoranywe umutima ukunze uzagira ingororano ikomeye. "Nuko So ureba ibyihereye azakugororera." Imico yacu ikomoka mu kubaho tugengwa n'imbaraga y'ubuntu bwa Kristo. Umutima uagenda ugarurwamo buhoro buhoro bwa bwiza bwa katanga ka mbere. Imico ya Kristo turayihabwa maze ishusho y'Imana ikongera kuturabagiranamo. Mu maso h'abagabo n'abagore bagenda bakorana n'Imana harabagiranishwa n'amahoro y'ijuru. Ku bafite imitima imeze ityo, ubwami bw'Imana bwamaze gutangira, bafite umunezero wa Kristo, umunezero wo kubera ab'isi isoko y'umugisha. Umwigisha yabahaye icyubahiro cyo kubakira mu murimo we, no kubemerera gukora mu izina rye.

«Ntawe ukeza abami babiri.» Ntawe ushobora gukorera Imana kandi ngo anayiharike. Idini Bibliya yigisha ntigomba kuba kimwe mu bintu byinshi ubangikanyije, igomba kuba imbaraga ihebuje byose. Ntigomba kuba nk'irangi risize ibirabagwe hirya no hino, ahubwo ikwiriye gusigwa hose ikamera nk'ibara ridashobora gusibangana.

“Ijisho ryawe nirireba neza, umubiri wawe wose uba ufite umucyo; ariko nirireba nabi, umubiri wawe uba ufite umwijima.” Kubonera no gushikama by’imigambi nibyo ngingo zigomba kuzuzwa kugira ngo umuntu ahabwe umucyo w’Imana. Umuntu wese ushaka kumenya ukuri agomba kwemera ibintu byose ukuri gushyira ahabona. Ntawe ukwiriye gukinisha icyaha. Gushidikanya no kugira intege nke mu kurwanira ukuri, ni uguha umwanya umwijima w’ubuyobe ndetse n’ibinyoma bya satani.

Politiki y’isi n’amahame ashikamye yo gukiranuka ntabwo ari ibintu bibiri bishobora kuvangwa nk’amabara y’umukororombya. Imana yashyize hagati y’ibyo bintu byombi, umurongo ugaragara kandi utunganye. Ishusho ya Kristo ihabanye n’iya satani nk’uko amanywa ahabanye n’ijoro. Kandi abagira imibereho imeze nk’iya Yesu bonyine ni bo bakorana na we. Umuntu wese abasha kwanduzwa n’icyaha kimwe gusa yashyonyangije cyangwa umuco mubi umwe gusa umuntu yanze kureka. Bityo umuntu agahinduka igikoreshe cyo gukiranirwa. Uwiye kuriye umurimo w’Imana agomba kwishingikiriza kuri yo muri byose. Kristo yerekanye inyoni ziguruka mu kirere n’uburabyo bwo mu gasozi, maze ararikira abamwumvaga kwitegereza ibintu byaremwe n’Imana. Niko kubabaza ati : “mwebwe ntimubiruta cyane?” Imana yita ku kintu cyose ikurikije urwego kiriho mu bindi biremwa. Imbabazi z’Imana zita ku gishwi nubwo ari gitoya. Uburabyo bwo mu gasozi n’ibyatsi birimbishije ubutaka, birindanywe impuhwe na Data wa twese wo mu ijuru. Umuhanzi mukuru wo mu ijuru yitaye ku burabyo, maze abwambika ubwiza buruta icyubahiro cya Salomo. None azita bingana iki ku muntu yaremye ku ishusho ye kandi ari we ugaragarwamo icyubahiro cy’Imana! Yifuza ko abana bayo bagira kamere nk’iyayo. Nk’uko imirasire y’izuba iha uburabyo amabara meza kandi anyuranye, niko n’Imana iha umutima ubwiza bw’imico yayo bwite.

Abantu bose bashikamishije guhitamo kwabo ku bwami bwa Kristo, ku bwami bw’urukundo no gukiranuka n’amahoro maze bakaba aribwo bagira icyiratwa cyabo, abo bose bafatanije n’isi irushaho kuba nziza, kandi nta mugisha n’umwe babura ukenerwa mu mibereho. Mu gitabo cy’ubushake bw’Imana, imibereho yose ya buri wese muri twe ifite urupapuro rwayo yihariye. Kuri iyo paje

handitseho buri kantu kose ko mu mateka yacu; ndetse n'imisatsi yo ku mitwe yacu irabazwe. Imana ihoza abana bayo ku mutima.

«Ntimukinganyire.» Tugomba gukurikira Kristo uko bukeye n'uko bwije. Imana ntitanga ubutabazi bw'ejo uyu muni. Ntabwo iha abana bayo amabwiriza yose bazakenera mu rugendo rw'ubuzima bwabo kugira ngo bitababera urujijo. Ibabwira gusa ibyo bashobora kwibuka no gukora. Imbaraga n'ubwenge bikenewe babihabwa ku rugero ruhagije rw'uwo mwanya. “Niba hari umuntu muri mwe ubuze ubwenge-uwo mwanya-abusabe Imana iha abantu bose itimana, kandi azabuhabwa¹⁹.”

«Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu. Kugira ngo namwe mutazarucirwa.» Ntimukibwire ko muri beza kuruta abandi kandi ntimukigire abacamanza. Kuko mudafite ubushobozi bwo kugenzura imigirire, ntabwo mufite ubuhanga buhagije bwo gucira abandi urubanza. Igihe mukora nk'abanenga abandi mubanegura muba muri kwicira urubanza ubwanyu kuko muba mugaragaje ko muri aba satani umurezi wa bene data. Uwiteka aravuga ati:

“Ngaho nimwisuzume ubwanyu, mumenye ko mukiri mu byo twizera kandi mwigerageze.” Nguwo umurimo wacu. «Ariko twakwisuzuma ntitwagibwaho n'urubanza²⁰.»

Igit cyiza cyera imbuto nziza. Iyo urubuto rudafite uburyohe cyangwa agaciro, icyo giti kiba ari kibi. Ubuzima nibwo butanga imbuto yerekana uko umutima uteye no kubonera kw'imico. Imirimo myiza nta na rimwe ishobora kuguhesha agakiza, ariko niyo kimenyetso cyo kwizera gukorera mu rukundo kandi kikeza umutima. Kandi nubwo ingororano z'iteka zidaterwa n'ibikorwa byacu byiza, zitangwa hakurikijwe ibikorwa twakoreshejwe n'ubuntu bwa Kristo.

Uko niko Kristo yagaragaje amahame y'ubwami bwe kandi ayerekaniramo itegeko ry'izahabu ry'ubuzima. Yifashishaga amapica ngo ahe icyigisho cye ingufu. Yaravuze ati: kumva amategeko yanjye gusa ntibihagije, ahubwo kubwo kwizera akwiriye kuba urufatiro rw'imico yanyu. Inarinjye ni nk'umusenyi ukukumuka. Nimwubaka ku magambo n'ibihimbano by'abantu, inzu yanyu izahirima. Izahirikwa n'imiyaga y'ibishuko n'imiraba y'ibigeragezo. Ariko amahame nabahaye ni ay'iteka ryose. Nimunyakire kandi mwubake ku magambo yanjye.

« Nuko umuntu wese wumva amagambo yanjye akayakomeza, azaba nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare. Imvura iragwa imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa kuko yari ishinze ku rutare.»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 5; 6; 7.
2. Mariko 3:8; Luka 6:17-19.
3. Yesaya 57:15.
4. Yereimiya 3:13,12.
5. Yesaya 61:3.
6. Yesaya 57:18; Yereimiya 31:13.
7. Zaburi 138:6.
8. Ibyahishuwe 7:15.
9. Kuva 34:6.
10. Zaburi 119:165.
11. Yesaya 55:13; 35:1.
12. Luka 2:14.
13. Zaburi 19:8.
14. Luka 16:17.
15. Abaroma 7:12.
16. Luka 6:35.
17. 2 Abakorinto 6:16.
18. Abaroma 8:3.
19. Yakobo 1:5. 20. 2 Abakorinto 13:5; 1 Abakorinto 11:31.

*** **

32. UMWARE W'ABASIRIKARE IJANA



Kristo yari yabwiye umutare¹ w'abasirikare b'ibwami uwo yari yakirije umwana ati : «Ntimwakwizera keretse mubonye ibimenyetso n'ibitangaza².» Yari ashavujwe no kutizera kw'ab'ishyanga rye, kuko bavugaga ko bazizera yuko ari Mesiya babonye ibimenyetso bigaragarira amaso. Kwizera kw'umutare w'abasirikari kwamuteye gutangara. Umutare w'abasirikare ntiyashidikanyaga ubushobozi bw'Umukiza. Ntabwo yigeze amwingingira kuza gukora igitangaza. Yaravuze ati : «Tegeka gusa umwana wanjye arakira.»

Umugaragu w'umutare w'abasirikare, yari yafashwe n'ubumuga bwamubabazaga cyane. Mu baromani abagaragu babaga ari imbata

zaguzwe zikanacuruzwa ku isoko, kandi akenshi zagirirwaga nabi cyane, ariko uyu musirikare we yakundaga cyane umugaragu we, akaba yarifuzaga kumubona yorohewe. Yizeraga rwose ko Yesu abasha kumukiza. Yari atari yigera abona Umukiza, ariko ibyo yari yarumvise bamuvuga, byateye kwizera mu mutima we. Nubwo abayuda bari bishingikirije ku mihango, uyu muromani yemeraga rwose ko idini y'abayuda ariyo iri mu kuri. We rero yari yaramaze kurenga uruzitiro rwo kwirarira no gushimagiza ishyanga rye, anakura mu mutima urwango ruba hagati y'abaneshi n'abo bigaruriye, maze akagaragaza ibimenyetso byo kubaha umurimo w'Imana; agahamywa n'ubuntu yagiriraga abayuda, kuko yabonaga ko ari abantu basenga Imana y'ukuri. Mu nyigisho za Kristo bamugejejeho, yazibonyemo igisubizo ku byo umutima we wari ukeneye. Nuko iby'umwuka byari muri we byakira amagambo y'Umukiza. Ariko yumva bitamukwiriye kugera imbere ya Yesu, nicyo cyamuteye kohereza bamwe mu bakuru b'abayuda kugira ngo basabe ko umugaragu we yakira. Yibwiraga ko kubera isano abo bantu bafitanye n'Umwigisha mukuru, bashobora kumwegera bakamugiriraho imbabazi.

Yesu yinjiye i Kaperinaumu, ahura n'intumwa z'abakuru zari zimuzaniye icyifuzo cy'umutware w'abasirikare. Baramuhendahenda bamwinginga bati : «Ni umuntu ukwiriye ko umugirira utyo kuko akunda ubwoko bwacu, ndetse n'isinagoga yacu niwe wayitwubakiye.»

Yesu ahita yerekeza ku nzu y'uwo musirikari mukuru; ariko kuko abantu bamubyigaga, akagenda buhoro. Umutware w'abasirikari amenya ko Yesu ari bugufi, yohereza intumwa n'umutima wicishije bugufi aramubwira ati : «Nyagasani ntiwirushye, kuko bitankwiriye ko winjira mu nzu yanjye.» Ariko Yesu akomeza urugendo rwe, nuko bidatinze umutware w'abasirikare agira ubutwari ajya gusanganira Yesu, maze yuzuzwa ku butumwa yamutumyeho agira ati :«Nicyo gitumye ntekereza ko bitankwiriye ndetse ko nza aho uri ubwanjye, ahubwo tegeka, umugaragu wanjye arakira. Kuko nanjye ndi umuntu utwara abandi, nanjye mfite abasirikari ntware. Iyo mbwiye umwe nti: genda, aragenda. Nabwira undi nti: ngwino, akaza. Nabwira umugaragu wanjye nti: kora iki, akagikora.» Nk'uko abasirikare banjye bambonamo uhagarariye ubutware bw'abaroma maze bakamfukamira, niko nawe uhagarariye ubutware bw'Imana ihoraho kandi ibintu byose byumvira ijamba ryawe. Ushobora gutegeka indwara ngo igende ikakumvira. Ushobora gutumiza intumwa zawe zo mu ijuru maze zikazana ukuri gukiza. Nuko tegeka gusa umugaragu wanjye arakira.

Yesu yumvise ayo magambo aramutangaza, ahindukirira abantu bamukikije ati : «Ndababwira yuko ntabwo nari nabona ukwizera kungana gutya, haba no mu bisiraeli». Nuko ahindukirira umutware w'abasirikari aramubwira ati : «Nuko genda bikubere nk'uko ubyizeye. Umugaragu we akira uwo mwanya.»

Abakuru b'abayuda bari batumwe n'umutware w'abasirikare kuri Yesu, bari bagaragaje ko bari kure y'umutima uvuga ubutumwa bwiza. Bari batarasobanukirwa ko ubukene bwacu bukomeye ari ukwisabira imbabazi z'Imana twewe bwacu. Abo batware buzuwemo no gukiranuka kwabo bwite, barataga ubutware bw'uwo musirikare bamushimagiza ko akunda ishyamba ryabo. Nyamara uwo musirikare mukuru yarivugiyeye ati : «Ntibinkwiriye.» Umutima we, umaze gukabakabwa n'ubuntu bwa Kristo, wahise usobanukirwa n'uko adakwiriye; nyamara ibyo ntibyamubujije gusaba ubutabazi. Ntiyirataga

ubugiraneza bwe; ubukene bwe nicyo cyari icyifuzo cye rukumbi. Ukwizera kwe kwakiriye Yesu amureba uko ari. Uwo musirikari, ntiyabonye Yesu nk'ukora ibitangaza gusa, ahubwo yamubonyemo inshuti n'Umukiza w'abari mu isi.

Muri iyo nzira niho umunyabyaha wese agomba kunyura kugira ngo ashobore kugera kuri Kristo. «Iradukiza itabitewe n'imirimu yo gukiranuka twakoze, ahubwo kubw'imbabazi zayo³.» Satani nababwira ngo muri abanyabyaha kandi ko bidashoboka kwizera guhabwa umugisha w'Imana; mujye musubiza muti : «Kristo yazanywe mu isi no gukiza abanyabyaha.» Ntacyo twabasha gukora ngo kitubashishe kwemerwa imbere y'Imana; ariko nk'uko bimeze ubu, kandi akaba ariko bizahoraho iteka ryose, imibereho yacu yihebye itugaragariza ko dukeneye imbaraga y'Umucunguzi. Iyo turetse kwiyingiringira ubwacu, niho tubasha kwitegereza umusaraba w'i Karuvali maze tukavuga tuti :

Ntacyo mfite mu ntoke cyambere agaciro, icyo
nshobora kugundira cya mbere ni umusaraba wawe.

Abayuda uhereye mu bwana bwabo bigishwaga ibyerekeye umurimo wa Mesiya. Amagambo yera yari yaravuzwe n'abakurambere n'abahanuzi hamwe n'ibyigisho byagaragariraga mu bitambo byabaga bibari hafi. Ariko ntibamenye umucyo; na none kandi Yesu aje ntiyababera Uwifuzwa. Ibiri amambu, umutware w'abasirikari wavukiye mu bapagani kandi akarererwa mu basenga ibigirwamana b'ibwami bw'abaroma, wari waritangiye umurimo wa gisirikari wasaga naho yimwe kureba iby'umwuka kubw'uburere bwe n'abamuzengurutse kandi akaza kwigizwa inyuma no gukabya kw'abayuda n'agasuzuguro k'ubwoko bwa Isiraeli n'urwango bagiriraga abanyamahanga, yakira ukuri kwari kwarateye abana ba Aburahamu ubuhumyi. Ntiyatekereje kureba niba abayuda ubwabo bazakira uwiyeze Mesiya wabo. «Uko umucyo waje mu isi kumurikira buri wese⁴», wagendaga umurasira, yabashije kumenya ubwiza bw'Umwana w'Imana akiri kure.

Kuri Yesu, ibi byari igihamba cy'umurimo ubutumwa bwiza bwagombaga gusohoreza mu banyamahanga. Yesu yuzuye umunezero; yitegereje bitaraba ikoraniro ry'abantu bo mu mahanga yose, bahurizwa mu bwami bwe. Na none kandi n'ishavu ryinshi yereka abayuda ingaruka zo kutizera kwabo, arababwira ati: «ndababwira yuko benshi bazaturuka iburasirazuba n'iburengerazuba bakicarana na Aburahamu na Isaka na Yakobo mu bwami bwo mu ijuru, ariko abana bo muri burya bwami bazirukanirwa mu mwijima hanze, ariho bazaririra bakahahekenyera amenyo.» Yoo ! Hari benshi muri iki gihe barimo kwitegura gukorwa n'isoni ! Mu

gihe abapagane bari mu mwijima bakira ubuntu bw’Imana; ni abantu bangana iki mu bihugu bya gikristo bari kwivutsa umucyo ubamurikira !

Mu birometero bisaga mirongo itatu uvuye i Kaperinaumu, ku ibanga ry’umusozi aho umuntu yitegeye ikibaya cyiza cya Esidarayeroni hari ikirogero cy’i Naini, aho niho Yesu yerekezaga. Yari kumwe na bamwe mu bigishwa be n’abandi benshi, muri urwo rugendo abantu benshi bahuruzwaga no kumva amagambo ye yuje urukundo n’impuhwe, bazanaga abarwayi ngo abakize, bituma bagira ibyiringiro by’uko umuntu ukoresha ubushobozi bungana butyo azemera ko bamwimika ngo abe Umwami w’Abisiraeli. Iyo nteko y’abantu banezerewe bishimye, bajyana na we banyuze mu nzira z’amabuye yerekeza ku irembo ry’ikirogero cyo ku musozi.

Bageze bugufi babona abantu bagiye guhamba basohoka mu marembo. Bagendaga buhoro berekeza aho bagiye guhamba. Mu isanduku irangaye bari batwaye, harimo umurambo w’uwapfuye; abantu bayikikije bagenda barira, baboroga. Abaturage bose b’icyo kirogero basa n’abari batumanyeho ngo baze guherekeza umurambo no kugaragaza impuhwe bagirira abababaye.

Ibyo bintu byari biteye agahinda. Uwapfuye yari umuhungu w’ikinege w’umupfakazi. Uwo mupfakazi yari aherekeje uwari inkunga ye rukumbi n’igihumuriza, bamujyanye ku mva. «Umwami Yesu amubonye amugirira imbabazi.» Ariko kuko uwo mugore yari yahumishijwe n’amarira, akomeza kugenda amubonye, Yesu aramwegera aramubwira ati : « Wirira !» Yesu yari agiye guhindura amarira y’uwo mugore mu umunezero; nyamara ntiyari kwibuza kubanza kumugaragariza impuhwe ze.

Nuko yegera «ikiriba agikoraho.» Intumbi ubwayo kuyikoraho ntibyari kumwanduza. Abari bahetse barahagarara n’abariraga baraceceka. Izo nteko zombi zikikiza icyo kiriba, bari bafite ibyiringiro biruta ibindi byose. Aho hari uwatsinze uburwayi n’abadaimoni; mbese n’urupfu ruzamwumvira?

N’ijwi ryumvikana ririmo ubutware, Yesu avuga aya magambo ati : «Muhungu ndagutegetse byuka!» Iryo jwi ryumvikana mu matwi y’intumbi. Uwo

musore arakanguka, Yesu amufata ukuboko aramuhagurutsa. Amaso ye ayubuye ayahuza na nyina wariraga ari iruhande rwe, umwana na nyina barahoberana cyane. Inteko iri aho ireba yumiwe, icecetse. “Bose baterwa n’ubwoba.” Bamara umwanya batuje bubashye nk’abari imbere y’Imana. Nuko bahimbaza Imana, maze baravuga bati : «Umuhanuzi ukomeye yabonetse muri twe; kandi bati : Imana igendereye ubwoko bwayo.» Abari bagiye guhamba, bagaruka i Naini basabwe n’umunezero. “Iyo nkuru y’ibyo yakoze yamamara i Yudaya yose no mu gihugu cyose gihereranye nacyo.”

Uwahumuriye uwo mugore wariraga ku marembo y’i Naini, ahagaze bugufi bw’ikiriba cya buri muntu wese ushavuye. Umubabaro wacu umutera kutugirira impuhwe. Umutima we wuzuyemo urukundo rutagereranywa. Ijambo rye ryazuraga uwapfuye n’uyu muni riracyafite imbaraga nk’uko ryari riri igihe yategekaga umusore w’i Naini kuzuka. Yesu aravuga ati : “Nahawe ubutware bwo mu ijuru no mu isi⁵.” Iyo mbaraga ntiyagabanijwe n’imyaka myinshi ishize cyangwa se ngo imarwe n’imirimo ihoraho y’ubuntu bwayo busaze. Ni Umukiza uhoraho ku bamwizera bose.

Ubwo Yesu yagaruriraga umubyeyi umwana we, yahinduye umubabaro we uvamo umunezero. Nyamara uwo musore n’ubwo yari azuwe yari acyambaye uyu mubiri, wagombaga kongera guhura n’ububabare n’imiruho ndetse n’akaga; kandi umunsi umwe akazongera gusubira muni y’imbaraga z’urupfu. Ariko Yesu ahumuriza abarira n’abari bapfuye abaha ubutumwa bw’ibyiringiro butagira akagero agira ati : “Ndi muzima, nari narapfuye, none dore mporaho iteka ryose, kandi mfite imfunguzo z’urupfu n’iz’ikuzimu.” «Nuko rero nk’uko abana bahuje umubiri n’amaraso, niko na we ubwe yahuje ibyo nabo kugira ngo urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw’urupfu ni we satani. Abone uko abatwira abahozze mu bubata bwo gutinya urupfu mu kubaho kwabo kose⁶.»

Satani ntashobora kugumana abapfuye mu kuboko kwe, igihe Umwana w’Imana ategetse ngo babeho. Nta nubwo ashobora kugumana mu urupfu rw’iby’umwuka imitima yakira kubwo kwizera ijamba rikomeye rya Kristo. Abantu bose bapfiriye mu byaha byabo, Imana irababwira iti: «Yewe usinziriye we, kanguka uzuke⁷.» Iryo jambo ni ubugingo buhoraho. Ijambo ry’Imana ryahaye ubugingo umuntu wa mbere natwe niryo riduha ubugingo; nk’ijambo rya Kristo: Yesu yaravuze ati : «Musore, ndagutegetse haguruka!» Iryo jambo niryo

ryasubijemo ubugingo bw'umusore w'i Naini, kimwe n'iri jambo ngo : “Kanguka uzuke”. Iryo jambo riha ubugingo uryakira wese. Imana «yadukijije ubutware bw'umwijima idukuramo itujyana mu butware bw'Umwana wayo ikunda⁸.» Byose tubiherwa mu ijambo rye. Nituryakira tuzava mu bubata; ariko niba umwuka w'Iyazuye Yesu uba muri mwe, Iyazuye Yesu Kristo izazura n'imibiri yanyu ipfa, kubw'umwuka wayo uba muri mwe. “Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya maraika ukomeye n'impanda y'Imana; nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka : maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu gusanganira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose⁹.” Aya magambo yo guhumuriza ni yo turarikirwa kuzajya tubwirana, duhumurizanya.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 8:5-13; Luka 7:1-17.

1. Yohana 4:48.
2. Tito 3:4,5.
3. Yohana 1:9.
4. Matayo 28:18.
5. Ibyahishuwe 1:18; Abaheburayo 2:14,15.
6. Abefeso 5:14.
7. Abakolosayi 1:13.
8. Abaroma 8:11; 1 Abatesalonike 4:16,17.

*** *** ***

33. BENE DATA NI BANDE?



Abahungu ba Yosefu bari kure yo kwemera umurimo wa Yesu.

Ibyabageragaho bivugwa ku mibereho n'ibikorwa bye, byabateraga kumirwa, kandi bagashoberwa. Bumvaga ko arara amajoro asenga kandi umunsi wose yirirwa akikijwe n'inteko y'abantu batamuha akanya ko gufungura. Inshuti ze zibwiraga ko imirimo ye idatuzza izamutera kunanirwa; ntibashoboraga kwiyumvisha icyo atekereza ku bafarisayo; nuko batangira gutinya ko yazata umutwe¹.

Ibyo bintu bigera mu matwi ya bene se kimwe n'ibirego abafarisayo bamuregaga, ko ngo yaba yirukana abadayimoni kubw'ububasha bwa satani.

Bumvaga ibyo abantu bavuga bikabababaza kubw'isano bari bafitanye na Yesu. Bari bazi ko amagambo n'ibikorwa bya Yesu bizatera abantu kwivumbagatanya. Kuko amagambo ye y'ihanjagari yabateraga guhagarika umutima, bagashengurwa n'uko atinyuka gucyaha abanditsi n'abafarisayo. Bafata icyemezo cyo guhagarika umurimo we, haba mu gukoresha ubugwaneza cyangwa imbaraga; bumvisha Mariya ko agomba kwifatanya nabo: biyumvisha ko urukundo agirira nyina ruzamutera kurushaho kugira amakenga y'igihe kizaza.

Yesu yari amaze gukora igitangaza gihwanye n'icyo yari aherutse gukora ubwo yakizaga uwari wawe na dayimoni wari ikiragi akaba n'impumyi; abafarisayo bari bongeye kumurega bati : « Umutware w'abadayimoni ni we umuha kwirukana abadayimoni². » Kristo ababwira yemye ko mu guha satani umurimo ukorwa n'Umwuka Wera, bibujije kugera ku isoko y'imigisha. Abari batutse Kristo ubwe badasobanukiwe na kamere ye y'Ubumana, bashoboraga kubabarirwa; bityo umurimo w'Umwuka Wera washoboraga gutuma bibuka amakosa yabo no kwihana. Uko icyaha cyaba kimeze kose, iyo umutima wihannye, kandi ukizera, uhanagurwaho icyaha n'amaraso ya Kristo, ariko umuntu wanga umurimo

w'Umwuka Wera, aba yishyize kure yo kwihana no kwizera. Kwanga Umwuka, igikorwa cyawo akacyitirira satani, ni ugusibanganya umuyoboro umwe rukumbi Imana ishobora kuvuganiramo natwe. Ntacyo Imana ibasha gukorera umuntu wamaze kureka burundu Umwuka wera.

Abafarisayo Yesu yabwiraga atyo, ntabwo bitaga ku kirego baregaga Yesu. Buri muntu wo muri abo banyacyubahiro yigeze yumva areherezwa gusanga Umukiza. Ijwi ry'Umwuka wera ryari ryarumvikanye mu mitima yabo, ribemeza ko ari Uwasizwe wa Isiraeli, kandi ko inshingano yabo ari iyo kwemera kuba abigishwa be. Ariko babonye ko byaba bikojeje isoni kumwakira nka Mesiya, kandi barigeze kumwanga. Kuba bari barishyize mu nzira yo kutizera bariyemeraga cyane ku buryo banga kwicuza ibyaha byabo. Kugira ngo babone uko banga ukuri, bavuguruza ibyigisho by'Umukiza bafite ubukana bwinshi. Ibimenyetso byashyiriweho kugaragaza imbaraga ze ndetse n'imbabazi ze, byarushagaho kubasaza. Bananiwe kubuza Umukiza gukora ibitangaza cyangwa ngo bamucecekeshe, bakora ibishoboka byose ngo bamwandagaze no gusebya ibyigisho bye. Nyamara Umwuka w'Imana yarabakurikiranye ngo abemeze, ni bo ubwabo bagombaga kwiziba amatwi ngo batagengwa na wo. Imbaraga ikomeye cyane ishobora kugenga umutima w'umuntu yajyaga impaka nabo; nuko banga kuyemera.

Imana siyo ihumisha abantu cyangwa ngo inangire imitima ya bo. Iboherereza umucyo wayo kugira ngo ukosore amafuti yabo no kubayobora mu nzira itunganye; iyo wanze uwo mucyo nibwo amaso ahuma n'imitima ikanangirwa. Rimwe na rimwe ibyo biza buhoro buhoro ndetse ku buryo butagaragarira amaso. Umutima umurikirwa n'Ijambo ry'Imana, ikoresheje abakozi bayo cyangwa se ikoresheje Umwuka wayo Wera; iyo imirasire y'umucyo yirengagijwe, kumenya iby'umwuka birahondobera nk'uko igikorwa gishyashya cy'umucyo kiba kititaweho. Nuko umwijima ukabudika kugeza n'aho umutima urohama mu ijoro ricuze umwijima. Ibyo nibyo byabaye ku batware b'abayuda. Bamaze kwemezwa ko Kristo yari yambaye imbaraga z'ubumana, ariko bifuza kurwanya ukuri, bitiriye satani umurimo ukorwa n'Umwuka Wera. Uko niko bishutse bo ubwabo maze bishyira mu bubata bwa satani.

Uyu muburo wa Kristo werekeranye n'icyaha cyo gutuka Umwuka wera, wakurikiwe no kwirinda kuvuga amagambo y'imfabusa atagira umumaro.

Amagambo agaragaza intekerezo zo mu mitima : «ibyuzuye umutima nibyo akanwa kavuga.» Ntabwo amagambo ahishura imico y'umuntu gusa, ahubwo agira n'icyo akora ku mico. Abantu bagengwa cyane n'amagambo yabo ubwabo, akenshi haba ubwo bibatungura bakagaragaza ibitekerezo by'ishyari no gusebanya bayobowe na satani, nta nubwo ubona babyitayeho; nyamara ayo magambo afite igikorwa gikomeye mu kugenga ibitekerezo byabo. Abantu bashutswe n'amagambo yabo bwite bituma bizera ibyo bavuze kandi bohejwe na satani. Hanyuma, bamaze kuvuga igitekerezo cyangwa bafashe icyemezo, bumva bageze kure ku buryo badashobora kwihana; niyo mpamvu bakora ibishoboka byose ngo bagaragaze ko bavuze ukuri maze ku iherezo bakaba ariko babyizera. Biteye akaga gushidikanya Umucyo w'Imana, kuwibazaho cyangwa se kuwuvuga nabi. Akamenyero ko gusebanya no gukerensa cyangwa se gusuzugura bigira imbaraga ku mico, maze bikorora kutiringira no kutizera. Mu gushyigikira iyo mico, maze umuntu ntiyite ku kaga arimo, abenshi bageza nubwo bakerensa umurimo w'Umwuka Wera maze bakawanga. Yesu yaravuze ati : «Ku muni w'amateka abantu bazabazwa ijamba ryose ry'imfabusa bavuga. Amagambo yawe niyo azagutsindishiriza, kandi amagambo yawe niyo azagutsindisha.»

Hanyuma aburira abantu bari batwawe n'amagambo ye, bakamwumva banezerewe, nyamara bakaba bari banze kwiye gurira burundu Umwuka wera ngo ature muri bo. Umutima ushobora kurimbuka atari uko uzize kwinangira gusa, ahubwo uzize no gukerensa. Yesu yaravuze ati: «Dayimoni iyo avuye mu muntu, azerera aho adafite amazi ashaka uburuhukiro, akabubura, akavuga ati : Reka nisubirire mu nzu yanjye navuyemo, yagerayo agasanga ikubuye, kandi iteguye, akagenda akazana abandi badayimoni barindwi bamurusha kuba babi, bakinjira bakayibamo.»

Mu gihe cya Kristo kimwe no mu gihe cya none, hariho abantu benshi mu gihe runaka basaga n'abakijijwe imbaraga za satani. Ubuntu bw'Imana nibwo bwabaga bwabakijije ububata bw'imyuka mibi; bishimiraga mu rukundo rw'Imana, ariko kuko basaga n'ubutaka bwo ku kara bwavuzwe mu mugani, ntibagumaga mu rukundo rwe. Ntibiyegurira imbaraga z'Imana uko bukeye n'uko bwije ngo bemerere Kristo ature mu mitima yabo; kandi igihe dayimoni agarukanye n'abandi barindwi bamurusha kuba babi, bibonye basigaye bari muni y'ubutware bw'umubi.

Iyo umutima wose wiyegurirye Kristo imbaraga nshya yinjira mu mutima mushya. Nuko hakabaho guhinduka umuntu we ubwe atari gushobora kwigezaho. icyo ni igikorwa kidasanzwe cyinjiza muri kameremuntu umurimo ndengakamere. Umutima wiyegurira Kristo, uhinduka igihome cye yiberamo muri iyi si y'ubugome, kandi ntiyemere ko hari ubundi butware buharwanira. Umutima urinzwe utyo n'ingabo zo mu ijuru, uba ari umutamenwa aho ibitero bya satani bitisukira. Nitutiyegurira ubutware bwa Kristo, umubi azadufata mpiri. Tugomba kugengwa n'umwe muri abo babiri byanze bikunze, kuko izo mbaraga zombi zirwanira gutwara iyi si. Kugira ngo tugere muni y'ibendera ry'umutware w'umwijima, si ngombwa ko tuba twabihisemo. Birahagije gusa kwirengagiza kwifatanywa n'ubutware bw'umucyo. Nitudashaka gufatanywa n'abamarayika b'ijuru, satani azigarurira imitima yacu maze ayigire indiri ye. Uburinzi bwacu buturinda ikibi ni ugutwara Kristo mu mitima yacu, twizeye ugukiranuka kwe. Nitutifatanywa n'Imana mu buryo buzima ntutuzabona imbaraga zo gutsinda ibikorwa by'uburiganya bw'inarijye no kwikunda ndetse n'ibigeragezo. Abantu bashobora kureka imwe mu migenzereze mibi y'akamenyero, ndetse bakitandukanya na satani by'igihe gito, ariko ku iherezo bazaneshwa niba birengagiza kugirana umubano uhamye n'Imana, bayumvira buri kanya. Turamutse tutazi Kristo ku giti cyacu ngo tugirane umusabano uhoroaho, umwanzi yatwigarurira, maze ku iherezo akaba ariwe twumvira.

«Nuko ibyo hanyuma by'uwo muntu birusha ibya mbere kuba bibi. Yesu aravugaga ati: Niko bizaba ku b'iki gihe kibi.» Nta muntu winangira kuruta uwigeze akorerwamo gato n'iririka ry'imbabazi maze agasuzugura umwuka w'ubuntu. icyaha cyo gutwara Umwuka Wera, mu buryo bwacyo busanzwe ni ugutwara abantu gukerensa bivuye inyuma iririka ryo kwihana rivuye mu ijuru. Buri ntambwe yose itwigira kure ya Kristo idutandukanya n'agakiza, maze ikadutegurira gukora icyaha cyo gutwara Umwuka Wera.

Mu kwanga Kristo, ubwoko bw'abayuda bwari bukoze icyaha kitababwirwa; niba twanga iririka ry'imbabazi, turi mu kaga ko gukora icyaha nk'icyabwo. Dutwara igikomangoma gitanga ubugingo, tumukoza isoni imbere y'ab'isinagogi ya satani n'imbere y'ibyaremwe byose iyo twanze kumvira intumwa adutumaho, twihitiramo gutegera amatwi intumwa za satani zishaka kuvana imitima

kuri Kristo. Ukora atyo nta byiringiro by'imbabazi afite na busa; ahubwo asigara atagifite icyifuzo na mba cyo kungwa n'Imana.

Nuko Yesu akomeza kwigisha iyo nteko kugeza ubwo abigishwa be baje kumumenyesha ko nyina na bene se bari hanze, bifuza kumubona. Kuko Yesu yari azi ibiri mu mitima yabo, asubiza uwari umubwiye ati : «Mama ni nde na bene data ni bande ? Arambura ukuboko agutunga abigishwa be ati : dore mama na bene data. Umuntu wese ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka ni we mwene data, ni we mushiki wanjye, ni we Mama.»

Abantu bose bakira Kristo kubwo kwizera baba isanga n'ingoyi na we kurusha abafitanye isano na we ku mubiri. Bahinduka umwe na we nk'uko na we yari umwe na Se. Nyina yari umwe na We kuko yizeraga, akumvira Ijambo ry'Imana mu buryo buzana agakiza, kuruta ko bari bafitanye isano y'umubiri. Kugirana isano na bene se y'umubiri, ntacyo byajyaga kubamarira na busa igihe cyose batamwemeraga nk'Umukiza wabo bwite.

Ni ubufasha bungana iki Kristo aba yarabonye muri bene wabo w'umubiri iyo baza kwemera inkomoko ye yo kuba yaravuye mu ijuru maze bakaba baramufashije gusohozza umurimo w'Imana ! Kutizera kwabo kwazanye igihu ku myaka ya mbere ya Yesu. Uwo wari umugabane w'igikombe cy'umubabaro yagombaga kwiranguza ku bwacu.

Urwango rwo kurwanya ubutumwa bwiza rwazanywe mu mutima w'umuntu, rwumvikanye cyane mu Mwana w'Imana, igihe rwigaragazaga cyane mu rugo rw'iwabo bwite. Kuko umutima we wari wuje impuhwe n'urukundo kandi agashimishwa n'isano nziza yo mu muryango. Bene se bamusabaga kugira icyo akora gihuje n'ibyo bibwira, ibyo bikaba ntaho byari bihuriye n'ubutumwa yahawe n'Imana. Babonaga ko akeneye inama zabo. Kuko ibintu byose babirebeshaga amaso ya kimuntu, bibwiraga ko yagombye kwigisha gusa ibyanezeza abanditsi n'abafarisayo, bityo akaba yirinze intambara zitari ngombwa. Bibwiraga ko yataye umutwe kuko aburana ubwami bw'Imana kandi akigira Umwigisha uruta abigishamategeko. Bari bazi ko abafarisayo bazashaka uburyo bwo kumurega, kandi babonaga ko arimo kubaha ubwo buryo.

Kwironda kwabo, byababuzaga gusobanukirwa inshingano Yesu yahawe no kuba bafatanyaga na we mu bigerageze bya. Amagambo yabo ahata yagaragazaga ko batamenye inkomoko ye nyakuri, kandi nta kintu cy’ubumana cyamugaragazaga ko muri we ubumuntu n’ubumana bivanze. Akenshi babonaga afite intimba mu cyimbo cyo kumuhumuriza, umwuka wagaragazwaga n’amagambo yabo, ukarushaho kumushengura. Kamere ye isobanukiwe yahoraga ibabarira muri we, kuko ibitekerezo bya bititabwagaho n’umurimo we ntiwemerwe.

Akenshi cyane, bene se bamugaragarizaga ubucurabwenge bw’abafarisayo b’abasaza rukukuri, maze bakigira intyoza zo kwigisha uwari uzi ukuri kose, akamenya n’ubwiru bwose. Ntibanagiraga isoni zo guciraho iteka uwabarutaga. Gucyaha kwabo kwaramubabazaga maze kukamushengura mu mutima. Bavugaga ko bizera Imana kandi bashakaga kuyirwanirira mu gihe batari bazi ko Imana iri kumwe nabo mu mubiri.

Ibi byose kuri we byari inzira yuzuyemo amahwa. Kudasobanukirwa yabonaga mu be kwaramushenguraga cyane, akaba yararuhukaga ari uko yerekeye aho atakikumva. Urugaga yakundaga gusurira rwari urwo kwa Lazaro na Mariya na Marita; muri uwo munezero wuje ukwizera n’urukundo niho yabonaga uburuhukira bw’umutima we, nyamara hano ku isi nta muntu n’umwe washoboraga gusobanukirwa inshingano ye y’ubumana cyangwa se ngo yiyumvishe umutwaro yari yikoreye kubw’abantu. Aho yakuraga ikimuhumuriza honyine ni ahantu hiherereye maze agasabana na Se wo mu ijuru.

Mbese mwahamagariwe kubabara kubw’urukundo rwa Kristo, no kwihanganira kutemerwa no gukerenswa? Mujye muhumurizwa no kwibwira ko Kristo yabayeho imibereho imeze ityo. Adufitiye impuhwe. Araturarikira guhungira muri we, maze tukabonera ibiduhumuriza aho na we yabikuraga: mu gusabana na Data wo mu ijuru.

Abakira Kristo ngo ababere Umukiza w’ubugingo bwabo, ntabwo ari imfubyi ngo baharirwe kwikorera ibigerageze bonyine. Abinjiza mu muryango wo mu ijuru akabararikira kubona Se nk’umubyeyi wabo. Ni abana b’Imana, ihoza ku mutima, kandi bahuzwa nayo n’imirunga ihoraho. Nk’uko ubumana buruta cyane

ubumuntu, niko n’urukundo adufitiye rusumba cyane urwa data na mama batugaragarizaga igihe twari tukiri impinja.

Isano Kristo afitanye n’ubwoko bwe yagaragajwe cyane bihebuje n’amategeko yahawe abisraeli. Iyo ubukene bwajujubiyaga umuheburayo bikamutera gusiga umurage we maze akigurisha ngo abe imbata, uburenganzira bwo kumucungura we n’umurage we bwari bufitwe n’umubyeyi we wa bugufi³. Nuko rero kubw’ibyo umurimo wo kuducungura, twebwe n’umurage wacu uwo twanyazwe n’icyaha, washyizwe mu maboko y’umubyeyi wacu wa bugufi. Yihuje natwe kugira ngo aducungure. Umwami wacu n’Umukiza aturi bugufi cyane kuruta data cyangwa mama, umuvandimwe, inshuti cyangwa se uwo tuzarushingana. Aravuga ati : “Ntutinye kuko nagucunguye. Naguhamagaye mu izina ryawe uri uwanjye.” “Kuko wambereye inkoramutima kandi ukaba uwo kubahwa nanjye nkagukunda; nicyo kizatuma ntanga ingabo zigapfa kubwawe n’amahanga nkayatangira ubugingo bwawe⁴.”

Kristo akunda ibiremwa byo mu ijuru bikikiza intebe ye, ariko se urukundo rutagira akagero yadukunze urutekereza ute? Ntabwo dushobora kurusobanukirwa, ariko dushobora kurwiyumvisha kubera ibyo tubona bya buri muni. Kandi nitwita cyane ku isano iduha na we, abavandimwe bacu na bashiki bacu mu mwami tuzabakunda urukundo rungana iki? Mbese ntidukwiriye guhora twibuka iyo sano dufitanye y’ubumana? None se ko twakiriwe mu muryango w’Imana, ntidukwiriye kubaha Data wa twese n’abagize umuryango we?

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 12:22-50; Mariko 3:20-35.

2. Matayo 9:34.

3. Abalewi 25:25; 47-49; Rusi 2:20. 4. Yesaya 43:1,4.

*** **

34. IRARIKA



“Mwese abarushye n’abaremerewe muze aho ndi ndabaruhura¹.“ Ayo magambo yo gukomeza umutima yabwiwe inteko y’abantu bari bakurikiye Yesu. Yari yababwiye ko kumenya Imana bishobora kubonwa gusa muri ubwo buryo, kandi ko iby’ijuru byabikijwe abigishwa be. Nyamara kandi yanavuze ko nta muntu n’umwe ukwiriye

kwiyumvamo ko yimwe ubuntu n’urukundo rwe. Abantu bose barushye kandi baremerewe bakwiye kumusanga.

Abanditsi n’abafarisayo, nubwo bitaga cyane ku mihango y’idini, bari bakeneye ubufasha batashoboraga kubonera mu migenzo yo kwiyeza. Abakoresha b’ikoro n’abanyabyaha mu mitima yabo bahoranaga ubwoba no kutiyiringira; mu gihe bagaragaraga nk’aho bashimishijwe n’umunezero w’iby’isi. Yesu yarebanaga impuhwe iyo mitima iri mu kaga, iremerewe kandi ibuze ibyiringiro, yageragezaga kwihumuriza yifashishije ibinezeza by’isi : nicyo cyatumye abo bese Yesu abararikira gushakira uburuhukiro muri we.

Abarushye, yababwiranaga ubugwaneza ati : «Mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho, kuko ndi umugwaneza, kandi noroheje mu mutima; namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu.»

Aya magambo arabwirwa umuntu uwo ariwe wese. Naho umutimanama wabo wabibabwira bakabyemera cyangwa se ntibabyemere, abantu bose bararushye kandi baremerewe n’imitwari bashobora gukurwaho na Kristo wenyine. Umutwari wacu urusha iyindi kuremera ni icyaha. Hatagize ubutabazi butugezwaho, uwo mutwari uzaduhitana. Ariko utigeze kumenya icyaha yagiye mu cyimbo cyacu. «Uwiteka yamushyizeho gukiranirwa kwacu twese².» Yikoreye umutwari w’ibyaha

byacu. Azakura ubwo buremere ku ntugu zacu zirushye. Azaduha uburuhukiro. Azikorera umutwaro w'amaganya yacu n'imibabaro yacu. Adufite ku mutima we, kandi aturarikira kumwikoreza amaganya yacu yose.

Umuvandimwe wacu mukuru ahora iteka ahagaze bugufi bw'intebe y'Imana. Aca bugufi akarebana impuhwe umutima wose umwakira nk'Umukiza wawo. Azi intege nke za kimuntu kubw'ubunararibonye bwe, na none kandi azi ubukene bwacu, n'igiha imbaraga ibitugerageza, kuko yageragejwe muri byose nkatwe uretse ko We atigeze akora icyaha. Arakurinda mwana w'Imana wese uyubaha. Mbese ujya ugeragezwa ? Azagutabara. Mbese uri umunyantege nke ? Azagukomeza. Mbese uri umuswa? Azakumurikira. Mbese ufite ibikomere? Azagukiza. «Abara inyenyeri». Kandi ni na we «Ukiza imitima imenetse, apfuka inguma z'imibabaro yabo³.» Arabararika ati: «Nimunsange.» Ibibababaza uko byaba bingana kose n'uko ibigeragezo byanyu byose bingana mubimubwire. Azohereza umutima wanyu imbaraga zo gushikama. Niba mushobewe mufite ibirushya azabaha inzira yo kubikira. Uko umutima wanyu urushaho kugira intege nke mukagira n'ubushobozi buke, niko azarushaho kuboherereza imbaraga nyinshi. Uko imitwaro yanyu irushaho kubaremerera niko muzanezezwa no kurushaho kuyikoreza Uwemeye kwikorera imitwaro yose. Uburuhukiro Kristo aduha bufite impamvu zibugenga, ariko izo mpamvu zashyizweho mu buryo busobanutse. Ziriho ku buryo buri wese abasha kuzisohozza. Atwereka neza inzira iboneye ituganisha mu buruhukiro.

Aravuga ati « Mwemere kuba abagaragu banjye.” Umutwaro w'ubugaragu ni ukuba igikoresho cy'umurimo. Inka zihinga zashyirwagaho ibiti by'imbago ngo zibashe gukora neza. Icyo kimenyetso cy'inka zihinga nicyo Kristo yifashishije kugira ngo atugaragarize ko twararikiwe kumukorera igihe cyose tugihumeka. Biradukwiriye ko twikorera umutwaro we, bityo tukaba abagaragu be.

Amategeko y'Imana ni yo mutwaro mu murimo. Amategeko akomeye y'urukundo yahishuriwe mu murima wa Edeni; agatangarizwa ku musozi Sinayi, maze ku iherezo yandikwa mu mitima kubw'isezerano rishya, ayo ni yo atuma ibikoresho by'abantu biba isanga n'ingoyi n'ubushake bw'Imana. Niba twemeye kugengwa na kamere y'ibyifuzo byacu, tukiha umudendeze wo kuja aho twishakiye, ntutuzatinda kwibona mu murongo w'abakorera satani, twigana kamere ye mbi. Niyo mpamvu Imana ishaka kutugumisha mu bukebe bw'ubushake bwayo

bukiranuka, bukiza kandi bugatera ubupfura. Imana ishaka ko dusohozza inshingano z'umurimo wacu, twihangana kandi dufite ubwenge. Umutwari w'umurimo na Kriso ubwe yarawikoreye igihe yari umuntu. Yaravuze ati : «Mana yanjye, nishimira gukora ibyo ukunda⁴.» « Kuko ntavanywe mu ijuru no gukora ibyo nishakaye, ahubwo nazanywe no gukora ibyo Uwantumye ashaka⁵.» Urukundo rw'Imana, ishyamba rigaragaza icyubahiro n'urukundo yari afiteye abantu, ni byo byatumye Yesu aza muri iyi si kugira ngo ayibabarizwemo ndetse ayipfiremo. Iyo ni yo mbaraga yagengaga imibereho ye. Ayo ni yo mahame aturarikira gukomeza.

Imitima myinshi iranihishwa n'amaganya yo kwifuza kugendera mu mategeko y'isi. Yahisemo kuyikorera yemera ingaruka zizakurikiraho no kwakira imico yayo. Ingaruka zabaye imico yononekaye, n'imibereho iruhije kugira ngo yishimire ibinezeza by'isi n'ibyo irarikira, ikora ibinyuranye n'umutimanama wayo, bityo ikiremera umutwari w'inyongera, ari wo wo guhorana ikidodo. Iyo miruhira ya buri gihe inyunyuzaga imbaraga z'umubiri.

Umwami wacu ayisaba kwiya mbura iyo mitwari y'ububata, ikayisimbuza umutwari Umwami aduha. Yesu yaravuze ati : “Kuko kunkorera bitaruhije n'umutwari wanjye utaremereye.” Abahugurira gushakaga bwa mbere ubwami bw'Imana no gukiranuka kwabo, maze bakiringira ko ibindi bakenera bazabyongererwa. Umuntu wirushya, akigira ni impumyi itabasha kureba ahazaza; mu gihe Yesu we arebaga iherezo mu itangiriro. Ku kirushya icyo ari cyo cyose, aba afite hafi ikidukomeza. Data wa twese wo mu ijuru afite uburyo igihumbi bwo kudutabara twe tutabasha gutekereza. Abantu bafite akamenyero ko kwereza umurimo w'Imana n'icyubahiro cyabo, bazabona ibibarushya byeyutse, maze imbere yabo hugururwe inzira itunganye.

Yesu ati : “Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu.” Dukwiye kujya mu ishuri rya Kristo maze tukamwigiraho kuba abagwaneza boroheje mu mutima. Gucungurwa ni uburere butegurira imitima kujya mu ijuru. Ubwo burezi bugenderereye kumenyekanisha Kristo, no kureka ibitekerezo, akamenyero n'imigenzereze twigiye mu ishuri ry'umutwari w'umwijiye. Umutima wose ugomba kuvanwamo ibintu byose birwanya ukutumvira Imana.

Amahoro asesuye ni yo yabaye mu mutima wa Kristo, kandi yahoraga asabana n’Imana. Nta na rimwe Yesu yigeze atwarwa no gukomerwa mu mashyi cyangwa ngo acibwe intege n’uko acyashywe cyangwa ngo ababazwe nuko bamutengushye. Yagumanaga ubutwari bwose igihe yabaga ari mu bamurwanya kabone n’ubwo yagirirwa nabi. Abenshi mu biyita abigishwa be, bakunda kugira imitima ihagaze; nta kindi kibitera ni uko badatinyuka kwiye gurira Imana burundu. Ntabwo bashaka kugengwa na yo batinya ingaruka zo kwitanga kumeze gutyo. Nta kwitanga nk’uko kubayeho, n’amahoro ntazaboneka.

Ubwoba buterwa no gukunda inarijye. Niba twarabyawe n’ijuru, tuzagira umutima wahoze muri Kristo wamuteye guca bugufi, akaza kudukiza. icyo gihe rero ntutuzaba tukirwanira imyanya y’imbere. icyifuzo cyacu rukumbi kizaba icyo kwiwicarira ku birenge bya Yesu no kwigira kuri we. Nibwo noneho tuzasobanukirwa ko igiha agaciro umurimo wacu atari ugutongana n’amagambo menshi tuvugishwa n’imirimo ivunanye. Umurimo wacu ugira agaciro bitewe n’urugero rw’Umwuka Wera twahawe. Kugira ibyiringiro mu Mana bibyara imico yera y’ubwenge itubashisha gukomeresha imitima yacu kwihangana.

Imbago bazishyira ku mapfizi ngo abashe gukurura umutwari bitaruhaniye. Uko niko bimeze n’umutwari wa Kristo. Igihe ubushake bwacu buzaba buhuje n’ubushake bw’Imana kandi tugakoreshereza abandi impano yaduhaye, umutwari wacu uzoroha. Kugendera mu nzira tuyoborwamo n’amategeko y’Imana ni ukugendana na Kristo maze tukaruhukira mu rukundo rwe. Ku isengesho rya Mose ngo “Nyereka imigambi yawe kugira ngo nkumenye.” Uwitwaga yaramushubije ati : “Ubwanyije nzajyana nawe nkuruhure⁶.” Nzishingira umutekano wawe. Nidutegere amatwi ubu butumwa bwa gihanuzi ngo: «Uwitwaga avuga atya ati : Muhagarare mu nzira murebe kandi mubaririze inzira za kera; aho inzira nziza iri aho ariyo munyuramo niho muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu⁷.» Imana iravugaga iti : “Iyaba warumviye amategeko yanjye uba waragize amahoro ameze nk’uruzi, gukiranuka kwawe kuba kwarabaye nk’umuraba w’inyanja⁸.”

Kwizera ibyo Kristo yavuze, ukamusaba uburindi bw’umutima wawe, ukayobora ubugingo bwawe mu bushake bwe, ni ukubona amahoro n’uburuhukiro butuje. Nta kintu ku isi gishobora gutera agahinda uwo Kristo anezeresha kumuba iruhande. Kumvira nyakuri kuzana uburuhukiro busesuye. Uwitwaga aravugaga ati : “

Ugushimikamijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye⁹.” Imibereho yacu ibasha gusa n’ikintu cyononekaye; ariko nituyegurira Databuja, azayitunganya kandi aduhe imico ntangarugero imuhesha icyubahiro. Ariko kamere yaremwe ku ishusho y’ubwiza bw’imico ya Kristo, niyo izemerwa muri Paradizo y’Imana. Ubwoko bwahinduwe bushya nibwo buzagendana na Kristo bwambaye imyambaro yera kuko bubikwiriye.

Iyo twinjiye mu buruhukiro bwa Kristo, ijuru ritangirira hano ku isi. Yesu araturarika ati: Nimuze munyigireho, tugasubiza, tumusanga; maze kuri twe ubugingo bw’iteka bugatangira. Guhora twiyegereza Imana kubwa Kristo, ni ryo juru. Kandi uko turushaho kwibera muri uwo munezero w’ijuru, ni ko turushaho kubona ubwiza bwugururiwe imbere yacu; uko turushaho kwiga kumenya Imana niko umunezero wacu urushaho kwiyoungera. Uko turushaho kugendana na Kristo turushaho kuzuzwa urukundo maze tugahazwa no kubana na we. Dushobora kwakira ibyo kamere yacu ishobora kwakira. Ariko se ibyo twabigereranya n’ibyo hirya y’ibicu? Aho “baba imbere y’intebe y’Imana bakayikorera mu rusengero rwayo, ku manywa na nijoro. Kandi Iyicaye ku ntebe izababambaho ihema ryayo. Ntibazicwa n’inzara ukundi kandi ntibazicwa n’inyota ukundi, kandi izuba ntirizabica cyangwa icyokere cyose, kuko Umwana w’intama ari hagati y’intebe y’ubwami, azabaragira akabuhira amasoko y’amazi y’ubugingo. Kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo¹⁰.”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 11:28-30.

2. Yesaya 53:6.

3. Zaburi 147:4,3.

4. Zaburi 40:8.

5. Yohana 6:38.

6. Kuva 33:13,14. 7. Yereimiya 6:16.

8. Yesaya 48:18.

9. Yesaya 26:3.

10. Ibyahishuwe 7:15-17.

*** **

35. CECEKA, UTUZE



Umunsi wuzuyemo ibintu bikomeye, mu mibereho ya Yesu wari umaze guhita. Ari bugufi bw'inyanja y'i Galilaya, Yesu yari yavuze imigani ye ya mbere, yihatira gusobanura imiterere y'ubwami bwe akoresheje amapica bamenyereye n'uburyo ubwo bwami bwe bwagombaga kwimikwa. We ubwe yari

yigereranyije n'umuhinzi, maze agereranya kwaguka k'ubwami bwe no gukura k'urugemwe rw'akabuto ka sinapi, kimwe n'urugero rw'inyariko itatu y'ifu ibyimbishwa n'agasemburo gake. Na none kandi yari yagaragaje itandukanywa riheruka ry'abakiranutsi n'abakiranirwa, arigereranya n'umugani w'ubutunzi bwahishwe, n'imarigarita y'igiciro cyinshi, akoresheje umugani wa nyir'urugo. Yeretse abigishwa be uburyo abamuhagarariye bagomba gukora.

Umunsi wose ntiyari yahwemye kwigisha no gukiza abarwayi. Bigera nimugoroba abantu bakimukikije. Iminsi yose yakoraga umurimo we akagira neza, akaruhuka gato gusa afungura kandi aruhura umubiri. Uburiganya n'ibitutsi by'abafarisayo bamukurikizaga byatumaga umurimo we umuvuna. Nuko nimugoroba ubwo yari ananiwe, ahitamo kwiyufura, ajya hakurya y'inyanja, ahantu hatuje.

Wabonaga imijyi imwe n'imwe hirya no hino ku nkengero y'iburasirazuba bw'ikiyaga cya Genezareti. Nyamara ako karere kari gatuwe na bake, ukagereraniye n'inkombe z'iburengerazuba. Abari bahatuye biganjemo abapagani kuruta abayuda, nta mishyikirano myinshi bagiranaga n'abatuye i Galilaya. Niyo mpamvu Yesu yahabonaga aho yikinga hatuje. Abwira abigishwa be kumuherekeza. Amaze gusezerera iteraniro, we n'abigishwa batsukira mu bwato batwara Yesu uko yari ari.

Ariko ntabwo bagiye bonyine. Ayandi mato y’abarobyi yari bugufi bw’inkombe, nuko abantu bifuza kumureba barayafata maze baramukurikira.

Amaze gutandukana n’inteko y’abantu biranywe, ananiwe kandi ashonje aryama mu bwato bidatinze arasinzira. Uwo mugoroba wari utuje n’inyanja nayo idakoma. Ariko mu kanya gato ijuru ririjima, umuyaga utangira guhuha n’imbaraga nyinshi rwose ku nkombe z’iburasirazuba, nuko umuraba mwinshi uteye ubwoba utangira gushaga mu kiyaga¹.

Izuba ryari ryarenze, kandi ijuru ryijimye cyane ryari ryahindutse hejuru y’iyo nyanja yizikukaga. Imiraba ishega, izanywe n’umuyaga mwinshi yikubita ku bwato abigishwa barimo; bisa naho benda kurengerwa. Abo barobyi b’intwari babaga mu mazi uhereye kera kose, kandi bari barayoboye amato yabo mu miraba irenze umwe. Ariko icyo gihe bwo ntacyo imbaraga zabo zari zamaze. Bari bamaze kuganzwa n’uwo muraba, ubwato bwabo bwuzura amazi, nuko ibyiringiro byabo birayoyoka.

Mu gihe bari barimo bashakisha uko bikiza, bibagiwe ko bari kumwe na Yesu. Kwikiza kwabo bibaye imfabusa, nta kindi bareba imbere yabo uretse urupfu, noneho bibuka uwabahaye itegeko ryo kwambuka inyanja. Ibyiringiro byabo rukumbi nta handi byari biri uretse muri Yesu, baramutakira bati :

“Databuja, Databuja !” Ariko umwijima wari mwinshi batamureba; iryo jwi ryabo rirahemba kubera urusaku rw’inkubi y’umuyaga ntibabona igisubizo.

Bumva bazabiranywe no gushidikanya n’ubwoba. Mbese Yesu yabaretse? Mbese uwamenesheje abadayimoni, agakiza indwara ndetse n’urupfu ubwarwo ntashobora gutabara abigishwa be? Bageze mu makuba yabibagirwa?

Bongera guhamagara, ariko bikirizwa n’urusaku rw’inkubi y’umuyaga. Ubwato butangira kuzika. Mu bigaragarira amaso hari hasigaye gato gusa bakarengerwa.

Mu kanya gato umurabyo utamurura umwijima, bitegereje babona Yesu yituriye asinziriye mu bwato, nubwo umuraba wari mwinshi. Barumirwa, ariko

kubera ubwoba baramukangura bati : “Mwigisha ntubyitayeho ko tugiye gupfa ?”
Yesu yashobora ate kwiruhukira atuje igihe bari mu kaga barwana n’urupfu ?

Urusaku rwabo rukangura Yesu. Umurabyo urabije barebye mu maso he babona harabagirana amahoro y’ijuru; abarebana urukundo n’impuhwe nyinshi, imitima yabo imugarukaho maze baramwinginga bati : “Databuja dukize, turapfuye”.

Nta na rimwe gutabaza nk’uko kudasubizwa. Abigishwa begeranya imbaraga zabo ziheruka bavugama, Yesu arahaguruka. Ahagarara mu bigishwa be, umuyaga warahuhaga cyane, imiraba na yo yari ibagose, umurabyo umurika mu maso he, Yesu arambura ukuboko kwe kwamenyereye gukora ibikorwa by’imbabazi, abwira inyanja yashagaga ati : “ceceka utuze”.

Umuyaga uratuza. Umuraba uraceceka. Ibicu bireyuka, inyenyeri zongera kumurika. Ubwato bugenda neza hejuru y’inyanja ituje. Nuko Yesu arahindukira abazanya agahinda abigishwa be ati : “Ni iki kibateye ubwoba, ntumurizera?”

Abigishwa bose baratuza. Na Petero ubwe ntiyagerageza gusobanura ubwoba bwari bwuzuye mu mutima we. Amato yari yakurikiye Yesu na yo yari yahuye n’ibyo bizazane; abari bayarimo bari bafashwe n’ubwoba no kwiheba. Ariko aho na ho itegeko rya Yesu rihazana umutuzo. Umuyaga ushega wari wegereye amato barimo, bose bibonera icyo gitangaza cya Yesu. Umuyaga umaze gutuza buri wese yibagirwa ubwoba yari afite. Baravugana bati : “Mbega uyu ni muntu ki utuma umuyaga n’inyanja bimwumvira?”

Igihe Yesu yakangukaga yari afite amahoro asesuye kandi yari mu muraba. Amagambo ye no mu maso he nta kimenyetso na gito cy’ubwoba cyagaragaragamo kuko umutima we utarangwagamo ubwoba na buke. Nyamara ntiyiringiraga za mbaraga ze ziheranije. Ntabwo yari aryamye yituriye nk’Umwami w’ijuru n’isi n’inyanja. Kuko iyo mbaraga yari yarayiyambuye nicyo cyatumye avuga ati: “Ntacyo mbasha gukora ku bwanjye².” Yiringiraga imbaraga za Data wo mu ijuru, yishingikirizaga ku kwizera n’urukundo rw’Imana, n’uburyo imwitaho; imbaraga y’Ijambo ry’Imana ni yo yaturishije umuyaga.

Nk'uko Yesu yari yituriye kubwo kwizera muri Se kubera ibyo amukorera, niko natwe dukwiriye guturiza mu buntu Umukiza atugirira. Iyo abigishwa bamwiringira, bari kugumana amahoro. Kutizera kwa bo ni ko kwabayeye insiriri y'ubwoba mu gihe cy'amakuba. Imbaraga zabo zo gushaka kwikiza zabibagije Yesu, keretse gusa igihe bari bamaze kwiheba nibwo bamuhindukiriye ngo aze kubatabara.

Ni ibihe bingana iki tumera nk'abigishwa ! Iyo imiraba y'ibigeragezo yisukiranya n'imirabyo ikarabya ndetse n'imivumba ikatugota tugahangana n'uwo mugaru twenyine twibagiwe ko hari ushobora kudufasha. Twiringira imbaraga zacu bwite kugeza ubwo twiheba tugasa n'abagiye gupfa. Ubwo nibwo twibuka Yesu, kandi gutaka kwacu ntikuzaba imfabusa. Nubwo aducyahana umubabaro kubera kutizera kwacu, ahubwo tukiyingira twebwe ubwacu ntazabura kuduha ubufasha dukeneye. Haba ku butaka cyangwa mu mazi, ntacyo dukwiye gutinya niba turi kumwe n'Umukiza. Kwizera kuzima dufitiye Umucunguzi kuzaturisha inyanja y'ubuzima kandi azadukiza akaga akoresheje uburyo bumubereye bwiza.

Igitangaza cyo guturisha inyanja kirimo irindi somo mu by'umwuka. Ubunararibonye bwa buri wese, buhamya ukuri kw'amagambo y'Ibyanditswe byera aho bigira biti : “Abanyabyaha bameze nk'inyanja izikuka idashobora gutuza. Nta mahoro y'abanyabyaha, niko Uwiteka avuga³.” icyaha cyangije amahoro yacu. Nta buruhukiro tuzabona igihe cyose inariye yacu itaracishwa bugufi. Nta mbaraga ya kimuntu ishobora kuganza irari rikomeye ry'umutima. Igihe bigeze aho rero, twibona turi abanyanteye nke nk'abigishwa igihe umuraba washegaga. Ariko uwategetse imiraba y'i Galilaya akoresheje ijamba ry'amahoro, aracyafitiye ijamba ry'amahoro umutima wa buri wese. Uko ubukana bw'umuraba bwangana kose abahindukirira Yesu bakamutakira bati: “Databuja dukize” bazatabarwa. Ubuntu bwe bwunga umutima n'Imana buzaturisha intambara z'irari ry'abantu; umutima uzabonera ikiruhuko mu rukundo rwe. «Aturisha uwo muyaga w'ishuheri, umuraba uratuza, maze bashimishwa nuko utuje, kandi abajyana mu mwaro bashakaga⁴.» “Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana, kubw'Umwami wacu Yesu Kristo.” “Umurimo wo gukiranuka ni amahoro, kandi ibiva mu gukiranuka ni ihumure n'ibyiringiro bidashidikanywa iteka ryose⁵.”

Mu gitondo cya kare, igihe umucyo w'izuba rirasa wasaga n'ushaka guha inyanja n'ubutaka amahoro, Umukiza n'abo bari kumwe bagera ku nkombe. Bakimara gukundagiza ibirenge byabo ku nkombe babona ikindi kintu gikomeye kandi giteye ubwoba, kurusha umuyaga ushega. Abasazi babiri bari bihishe mu mva barabaturumbukana bameze nk'abashaka kubatanyagura. Ibice by'iminyururu bari baracagaguye ubwo bavaga mu nzu y'imbohe byari bikibari ku maguru no ku maboko. Kuko umubiri wabo washwanyagurwaga n'amabuye atyaye waraviriranaga. Mu misatsi yabo miremire yashokonkoye imanuka mu ruhanga, hagaragaragamo amaso yabo atera ibishashi bya kidayimoni; ibyo bigatuma batagira ishusho namba ya kimuntu, ahubwo basaga n'inyamaswa ziryana aho gusa n'abantu.

Abigishwa n'abo bari kumwe bagira ubwoba barahunga. Bakibona ko Yesu atari kumwe nabo, barahindikira bajya kumushaka. Umwigisha yigumiye aho bari bamusize. Uwari waturishije umuyaga kandi na kera kose yari yaragiye ahangana na satani, akamutsinda, ntabwo yahunze abadayimoni. Igihe abo bagabo bahekenyaga amenyo, kandi iminwa yabo ibimba ifuro, bagenda basatira Yesu, nuko Yesu arambura ukuboko kwari kumaze guturisha inyanja n'imiraba yayo, maze abo bagabo ntibarenga aho. Bahagarara aho bahindishwa umushyitsi n'ibisazi byabo, ariko ntacyo babasha gukora kuko Yesu ahari.

Yesu ategukana ubutware iyo imyuka mibi kubavamo. Amagambo ye yinjije mu bwenge bw'abo banyabyago, nubwo bwari bwarijishijwe n'umubi. Ntabwo basobanukiwe neza ko bari kumwe n'ushobora kubakiza imbaraga z'abadayimoni babicaga urubozo. Bikubita ku birenge by'Umukiza ngo bamuranye, ariko bagerageje kubumbura iminwa ngo bamusabe imbabazi, abadayimoni bavugira muri bo n'urusaku rwinshi bati : «Duhuriye he nawe Mwana w'Imana ihoraho? Nkurahije Imana, ntunyice urupfu n'agashinyaguro.»

Yesu aravuga ati :«Witwa nde?» Arasubizwa ngo: «Ingabo niryo zina ryanjye, kuko turi benshi.» Abadayimoni bifashishije aba banyabyago, maze babagira umuyoboro bavuganiramo na Yesu; niko kumusaba ngo atabirukana muri icyo gihugu. Mu ibanga ry'umusozi hirya gato, hari umugana w'ingurube zarishaga. Abadayimoni basaba kwemererwa kuzinjiramo, maze Yesu arabibemerera. Muri ako kanya ingurube zifatwa n'ibisazi, zicikamo igikuba, ziroha ku gacuri, maze ziroha mu kiyaga zipfiramo.

Muri uwo mwanya habaho guhinduka gutangaje kuri abo bantu bari batewe na dayimoni. Umucyo wongera kumurika mu bwenge bwabo. Mu maso habo hagarura ubwenge, kandi nubwo bari bamaze igihe kirekire barahindanye, bononekaye, bafite ishusho ya satani; bongera kugarurwamo ubugwaneza, amaboko yabo atuje nubwo yariho amaraso. Maze n'ijwi ry'umunezero abo bagabo bahimbaza Imana ko bakize.

Aho ku gacuri, abashumba b'ingurube bari babonye ibyabaye byose, bihutira kujya gukwiza iyo nkuru. Ababakoresheye ndetse na rubanda rwose bafatwa n'ubwoba, barumirwa nuko basanga Yesu. Abo bagabo babiri bari batewe na daimoni, bajyaga batera ubwoba ako karere kose. Nta muntu watinyukaga kunyura aho babaga bari, kuko bahubukiraga abagenzi babarakariye. Ariko ubu buho noneho bari bambaye neza, bicaye ku birenge bya Yesu bumva amagambo ye, kandi bahimbaza uwabakijije. Nyamara abantu bari babonye ibyabaye, nta munezero bari bafite na muke. Kuri bo, guhomba imigana yabo y'ingurube nicyo cyari igihombo kinini kidahwanye no kubohorwa k'umwe mu bo satani yagize imbata.

Nyamara icyo gikorwa cy'imbabazi, Yesu yakigiriye abatunzi ba ziriya ngurube, yemera ko habaho kiriya gihombo. Kuko bari bashishikajwe cyane n'ibintu by'isi, ntabwo bitaga ku bifite umumaro aribyo mibereho y'iby'umwuka. Yesu kugira ngo ababashishe kwakira ubuntu bwe, ahitamo kubakuraho icyareshyaga inarijye yabo itabafitiye umumaro. Ariko intimba n'agahinda batewe no kubura ibyo bari batunze, byarabahumishije cyane, ku buryo byababujije gusobanukirwa n'imbabazi z'Umukiza.

Kwigaragaza kw'iyi mbaraga idasanzwe, kwavumbuye imiziririzo ya rubanda bibatera ubwoba. Bibwiye ko ahari kuba bari kumwe n'uwo mugenzi udasanzwe bishobora kubakururira andi makuba. Kubera gutinya ko ubukungu bwabo bwashiraho, bifuje ko yabavamo. Abari bambukanye inyanja na we bagerageza kubawira ibyababayeho mu ijoro ryahise; ariko biba iby'ubusa. Bababwira uko umuraba wari ugiye kubica n'uburyo yaturishije inyanja n'umuyaga. Amagambo yabo ntiyagira icyo abamarira. Rubanda rwakutse umutima rwinginga

Yesu ngo yigendere. Yesu arabyemera, maze yikira mu bwato, ako kanya agera ku nkombe zo hakurya.

Abatuye i Gerasa bari babonye ikimenyetso gitangaje cy'ububasha n'imbabazi za Kristo. Bari babonye abagabo babiri basubirana ubwenge, ariko baratinya kubw'inyungu zabo z'ubutunzi bw'iby'isi; bamagana uwari umaze kuneshya umutware w'umwijima babirebesha amaso, bamugira nk'umunyamahanga utazwi, maze bivutsa batyo impano y'ijuru. Ntabwo dufite uburyo nk'Abanyagadaleni, ngo twamagane igihagararo cya Yesu; igihe cyose abantu benshi banga kumvira ijamba rye, kuko kumwumvira babona byabatera guhomba zimwe mu nyungu z'iby'isi. Kugira ngo birinde guhomba amafaranga, abenshi bihitiramo kutamuba hafi; banga ubuntu bwe, kandi bakirukanira kure yabo Umwuka wa Yesu.

Abari birukanywemo abadayimoni bagaragazaga umutima unyuranye n'ibyo. Bifuzaga kugumana n'umutabazi wabo kuko bumvaga barinzwe ibikorwa bibi by'abadayimoni bari barabarembeje babagirira nabi. Nuko igihe Yesu yari asubiye mu bwato baramusanga, baramupfukamira bamusaba kugumana na we, kugira ngo bahore biyumvira amagambo ye. Ariko Yesu abatega gusubira iwabo no kujya kwamamaza ibikomeye byose Umukiza yakoze.

Bari bafite umurimo bagomba gukora: kujya mu nzu y'abapagani, maze bakahamenyekanishiriza imigisha bahawe na Yesu. Byari bibakomereye kujya kure y'Umukiza wabo. Bajyaga guhura n'ibizazane baba mu gihugu cyabo hagati mu bapagani, igihe kirekire bari bamaze batari kumwe nabo bumvaga kitabemerera gukora umurimo bashinzwe. Nyamara ntibashidikaniye kumvira Yesu akimara kubereka inshingano yabo. Batishimiye kuvuga iby'Umwami wabo mu miryango yabo no mu baturanyi babo ba bugufi, bazenguruka Dekapoli yose; bamamaza imbaraga zikiza, banasobanura uburyo bakijijwe abadayimoni. Bajyaga kwibonera imigisha myinshi mu gusohozza uwo murimo, kuruta kugumana na Yesu kubw'inyungu zabo gusa. Mu kugira umwete wo gukwirakwiza ubutumwa bwiza bw'agakiza, nibwo turushishwaho kwegerezwa Umukiza.

Abagabo babiri birukanywemo abadayimoni, ni bo babwiriza butumwa ba mbere Yesu yohereje kubwiriza ubutumwa bwiza mu karere ka Dekapoli. Abo bagabo bari bagize igihe gito cyo kumva ibyigisho bya Yesu. Ntibari baragize

amahirwe yo kumva kimwe mu bibwirizwa bye. Ntabwo bari barateguriwe neza kwigisha rubanda nk'abigishwa, kuko bo babanaga na Yesu iminsi yose. Ariko bo ubwabo bari bafite ibimenyetso byerekana ko Yesu ari Mesiya. Bashoboraga kuvuga ibyo bazi, ibyo babonye, ibyo bumvise n'ibyo bigenzuriye byababayeho; bakavugana imbaraga ya Kristo. Umutima wose wakabakabwe n'ubuntu bw'Imana washobora gukora nk'ibyo.

Intumwa ikundwa Yohana, yaranditse ati : “Uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise, uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje, intoki zacu zikamukoraho, ni we Jambo ry'ubugingo. Ibyo twabonye, tukabyumva, ni byo tubabwira⁶.“ Nk'abahamya ba Kristo, tugomba kuvuga ibyo tuzi, ibyo twabonye, n'ibyo twumvise ndetse n'ibyo twiyumvamo. Niba dukurikira Yesu intambwe ku ntambwe, tuzagira ikintu cyihariye tugomba kuvuga cyerekeranye n'uburyo yatuyoboye. Dushobora kuvuga uburyo twagerageje amasezerano ye, n'uburyo twasanze adahinduka. Dushobora guhamya ibyo twize byerekeranye n'ubuntu bwa Kristo. Ubwo nibwo buhamya bwategetswe n'Uwiteka, ubuhamya nk'ubwo iyo bubuze, isi igana mu irimbukiro.

Nubwo abaturage b'i Gerasa batakirije Yesu, ntabwo barekewe mu mwijima bari bihitiyemo. Mbere yo kumva amagambo ye, babanje kumusaba kwigendera. Ntibari bazi icyo banze. Aboherereza umucyo awunyujije mu bo batari kwanga kumva.

Satani yifashishije irimbuka ry'ingurube, yagerageje gutuma rubanda rutera Yesu umugongo no kubuza ko ubutumwa bwiza bwabwirizwa muri ako karere. Ariko ibyabaye bitera igihugu cyose kumirwa, maze amaso yose bayahanga kuri Kristo. Umukiza arigendera, ariko abantu yari yakijije baguma aho kugira ngo bahamye imbaraga ze. Ab'umutware w'umwijima, yari yifashije baza kuba abatwaramucyo n'intumwa z'Umwana w'Imana. Abantu baratangara bumvise igitekerezo gitangaje cy'ibyo bintu byabaye. Ubutumwa bwiza bwari bwugururiwe urugi muri ako karere. Nuko Yesu agarutse i Dekapoli, bihutira kumusanga, mu minsi itatu si abatuye uwo murwa gusa bumvise ubutumwa, ahubwo n'ibihumbi byinshi by'abantu baturutse ahahakikije, bazanwa no kumva ubutumwa

bw'agakiza. Umukiza wacu ategeka n'imbaraga z'abadayimoni bakamwumvira, kandi mu kibi akuramo icyiza.

Guhura n'abatewe na dayimoni i Gerasa, harimo icyigisho kigenewe abigishwa. Byatumye babona uburyo satani yihatira kugusha ikiremwa muntu cyose, no kubona muri Kristo Uwahawe umurimo wo gukiza abantu. Abo banyabyago, bazereraga mu marimbi, buzuye abadayimoni, imbata z'ibibi byose no kurarikira gukabije, uko babonekaga byerekanaga ishusho isi yagira iramutse irekewe mu maboko ya satani. Imbaraga y'abadayimoni ihora ishaka kuyobya intekerezo, gutuma umutima ubogamira ku bibi, kugira nabi no kwica; yijimisha ubwenge ndetse ikonona umutima. Igihe cyose abantu birengagije umuhamagaro w'Umukiza baba bishyize muni y'imbaraga y'umwanzi satani. Ibyo nibyo bikorwa n'abantu benshi bo mu mibereho inyuranye bo mu mirimo itandukanye, aho bibereye iyo mu miryango ndetse no mu itorero. Ni yo mpamvu ibyaha n'ubugome byagwiriyeye ku isi, maze umwijima wo mu bitekerezo ugatwikira aho abantu batuye nk'umwenda woroshe intumbi. Satani akoresheje ibigeragezo bitunguranye, igihe cyose aroha abantu mu bugizi bwa nabi, kugeza ubwo ingaruka iba iyo kononekara no kurimbuka buheriheri. Ubutabazi bwo kurwanya imbaraga za satani ni bumwe gusa, ni ukubana na Yesu. Satani yagaragaye nk'umwanzi n'umurimbuzi w'abantu, Kristo yigaragaza nk'inshuti n'umutabazi wabo. Umwuka wa Yesu ukuza mu muntu ikintu cyose gitunganya imico kikayihaga agaciro k'umwimerere, maze uwo Mwuka ugasubiza iyo mico mu mubiri we, mu mutima no mu ntekerezo kubwo guhesha Imana icyubahiro.

«Kuko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba, ahubwo yaduhaye uw'imbaraga n'urukundo no kwirinda⁷.» Iturarikira guhabwa ubwiza: ni ukuvuga kugira imico «yahoze muri Yesu Kristo umwami wacu.» Imana yaduhamagariye : «kugira ngo muhabwe ubwiza bw'Umwana wayo.⁸»

Imbaraga ya Kristo iracyakomeza guhindura intumwa zo gukiranuka, abari barononekaye bakaba ibikoresho bya satani. Hanyuma Umwana w'Imana akabohereza kujya kuvuga «ibyo Imana yabakoreye byose, n'uko yabababariye.»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 8:23-34; Mariko 4:35-41; 5:1-20; Luka 8:22-39.

2. Yohana 5:30.

3. Yesaya 57:20,21.

4. Zaburi 107:29,30.

5. Abaroma 5:1; Yesaya 32:17.

6. 1 Yohana 1:1-3.

7. 2 Timoteyo 1:7. 8. 2 Abatesalonike 2:14; Abaroma 8:29.

***** *** *****

36. KUMUKORAHU WIZEYE



Yesu ahindukiye ava i Gerasa ku nkombe y'iburengerazuba, abona inteko y'abantu bamwakirana umunezero. Amara igihe gito ku nkombe y'inyanja yigisha kandi akiza, hanyuma ajya kwa Lewi Matayo mu birori by'abakoresha b'ikoro. Aho ni ho Yayiro umutware w'isinagogi yamusanze¹. Umukuru w'Abayuda asanga Yesu afite agahinda kenshi, maze amwikubita ku birenge ati: «agakobwa kanjye karenda gupfa, ndakwinginze uze ukarambikaho ibiganza byawe gakire kabeho.»

Yesu ahita ajya kuri uwo mutware. Nubwo abigishwa be bari barabonye ibikorwa bye byinshi by'urukundo, batangajwe no kubona Yesu yemera irarika ry'uwo mwigishamategako w'umwibone; icyakora bafatanyaga na rubanda rwari

rutegereje kandi biringiye bakurikira Umwigisha. Inzu y'uwo mutware ntabwo yari iri kure cyane, ariko Yesu atinzwe n'ubwinshi bw'abantu. Yagendaga gahoro cyane we n'abigishwa be. Se w'uwo mwana wari unaniwe kwihangana yumvaga nta gihe gihari; ariko Yesu afitiye rubanda impuhwe yahagararaga hirya no hino ngo yorohereze abababara cyangwa ahumurize imitima yihebye.

Bakiri mu nzira haza intumwa inyura muri rubanda hagati kugira ngo ibwire Yayiro ko umwana w'umukobwa amaze gupfa ko adakwiriyeye kwirirwa arushya Umwigisha. Yesu arabumva maze aravuga ati : “Witinye izere gusa arakira.”

Yayiro akurikirira Umukiza bugufi; nuko bose bihutira kujya imuhira. Abagore batorewe kurira n'abavuzi imyironge bose bari bari aho bujuje ikirere cyaho cyose imiborogo. Abanyamatsiko bari aho n'urusaku rwabo ntabwo byanejeje Yesu. Yashatse kubacecekesha agira ati : “Urwo rusaku n'induru n'amarira ni

iby'iki? Umwana ntabwo yapfuye ahubwo arasinziriyeye.” Ayo magambo y’utari uhasanzwe atuma imitima yuzuramo imibabaro. Baramuseka kuko bari babonye umwana ashiramo umwuka. Yesu amaze kubasohora bose yinjirana na se w’umwana na nyina n’abigishwa be batatu ari bo Petero, Yakobo na Yohana nuko bajya mu cyumba uwapfuye arimo.

Yesu yegera uburiri, afata ukuboko k’umwana, avuga aya amagambo mu rurimi yari amenyereye ati : “Gakobwa ndakubwira nti, byuka.”

Uwo mwanya umushyitsi wirukanka mu ngingo z’ako gakobwa. Umutima wako wongera gutera. Nuko gakanura amaso cyane nk’uvuye mu bitotsi, kandi gaseka, kareba abantu bari bagakikije bumiwe. Karahaguruka, ababyeyi bako bagahobera babogozza amarira y’ibyishimo.

Mu kujya mu rugo rw’umutware, Yesu yari yahuye n’umugore wari uri mu bantu benshi, yari arwaye indwara yihebesha ubuzima bwe, ayimaranye imyaka cumi n’ibiri. Yari yaramaze umutungo we yishyura abaganga n’imiti. Indwara ye ntiyakiraga. Ubwo yumvaga ko Yesu akiza, yongera kugira ibyiringiro. Nubwo yababazwaga kandi arushye cyane, yari azi ko ashoboye kumugera iruhande abasha gukira; nuko aza ako kanya aho Yesu yigishirizaga ku nkombe, ashaka kunyura mu bantu, ariko abura inzira. Maze akurikira Yesu mu nzu yo kwa Lewi Matayo, ariko ntiyabasha kumwegera atangira kwiheba, kugeza ubwo Yesu yamunyuze iruhande.

Umwanya w’ingenzi wari uwo. Umurwayi yari imbere y’Umuganga mukuru ! Nuko muri icyo kivunge ntiyabasha kumuvugisha; no kumubona byari bikomeye. Atinya ko yabura amahirwe rukumbi yo gukira, atambuka yibwira mu mutima we ati : “Iyaba nabashaga gukora ku myenda ye gusa nakira.” Ku iherezo ashobora gukora ku kinyita cy’ikanzu ye. Ako kanya yumva arakize. Muri uko kumukoraho ubuzima bwe bwose yari aburunduriye mu kwizera; uwo mwanya uburibwe bwe n’intege nke bisimburwa n’ubuzima buzira umuze.

N’umutima wuzuye ishimwe, afata icyemezo cyo kwigendera, ako kanya Yesu arahagarara n’abantu bari kumwe. Yesu ahagarara areba abari bamukikije,

abaza aranguruye kugira ngo bamwumve, ati : “ninde unkozeho!” Icyo kibazo gitangaza abantu kuko bamubyiganiragaho impande zose.

Petero wari inshyanutsi mu magambo, aramubwira ati: «Mwigisha abantu barakubyiga, nawe uti ni nde unkozeho ?» Yesu aramusubiza ati: «hari unkozeho kuko numvise imbaraga insohotsemo.» Yesu azi gutandukanya umukozeho afite kwizera no gupfa kumukoraho gusa utabyitayeho. Ibyiringiro nk’ibyo ntibikwiriye guhita bitavuzweho. Yesu arashaka guha uyu mugore amagambo yo kumukomeza, azamubera isoko y’umunezero kandi akazabera abigishwa be umugisha, kugeza ku mperuka y’ibihe.

Yesu arebye mu cyerekezo uwo mugore yari arimo, yongera kubaza atsindagira kugira ngo amenye umukozeho. Uwo mugore abonye ko ntaho yakwihisha, amuza imbere atengurwa amupfukama ku birenge. N’amarira y’ibyishimo, amusobanurira uko yari ababaye n’uburyo yakize. Yesu avugana ituzza ati: “Humura mukobwa wanjye kwizera kwawe kuragukijije.” Yashakaga kumwumvisha ko gukora ku ikanzu bitarimo imbaraga ikiza. Gukira ntikwazanywe no guhura na Yesu bigaragarira amaso, ahubwo ni ukwizera gufata imbaraga ye y’ubumana.

Iteraniro ry’abanyamatsiko ryari rimukurikiye rimuniganiraho, ntabwo ryari ryigeze ryumva imbaraga ye itanga ubugingo. Ariko ubwo uwo mugore urwaye yaramburaga akaboko ngo amukoreho yizeye ko ari buhire, yahise ubwe yiyumvamo imbaraga ikiza. Niko n’iby’umwuka bimera. Kuvuga iby’idini wikinira ntacyo bimaze no gusenga udafite inzara y’iby’umwuka yo kwizera gutanga ubugingo. Kwizera Kristo biri mu magambo gusa, kumwemera gusa nk’Umukiza w’isi, uko ntabwo gushobora gukiza imitima. Kwizera agakiza ntabwo ari ugupfa guha ukuri icyiyumviro cy’ubwenge. Ntabwo umuntu abasha kwakira imigisha y’Imana niba azi ko azabanza kumenya byose ngo abone kwizera.

Ntibihagije kwizera ibyerekeranye na Yesu, dukwiriye kumwizera rwose. Kwizera rukumbi kudufitiye akamaro ni ukumwakira nk’Umucunguzi wacu. Kandi tugatunga ibyiza bye. Nta bazi ko kwizera atari icyiyumviro, ariko kwizera gukiza ni umurimo abakira Yesu bagiraniramo n’Imana isezerano. Kwizera nyakuri ni ubugingo. Kwizera kuzima gutera kugira amagara mazima, ibyiringiro bishyitse bigaha umutima imbaraga inesha.

Yesu amaze gukiza uwo mugore, yifuza ko amenya ibyiza yahawe. Ntukihererane mu ibanga impano wahawe n'ubutumwa bwiza, Uwiteka adutegeka guhamya ubuntu bwe; «muri abagabo bo kumpamyu kuko ari njye Mana, niko Uwiteka avuga².»

Uburyo ijuru ryahisemo bwo guhishurira ab'isi Kristo, ni uko duhamya kugira neza kwe. Biradukwiriye rwose kugaragaza ubuntu bwe nk'uko bwabonekaga mu bantu ba kera; ariko ikizarushaho kugira umumaro ni ubuhamya bwo mu mibereho yacu bwite. Turi abahamya b'Imana niba igikorwa cy'imbaraga yayo kigaragarira muri twe. Buri muntu afite imibereho yihariye itandukanye n'iy'undi, kandi akagira n'ibyamubayeho we ku giti cye bitandukanye n'iby'abandi. Imana yifuza ko ubuhamya bwacu buzamuka buyisanga aho iri, mu buhamya bwa buri muntu ku giti cye. Ibyo bikorwa byo gushima no guhimbaza icyubahiro n'ubuntu bwayo, guhamywa n'ubuzima bwa gikristo, bikorana n'imbaraga nyinshi kugira ngo imitima ibone agakiza.

Ubwo ababembe cumi bazaga aho Yesu ari kugira ngo bakire, bagiye kwiyereka umutambyi mukuru. Mu kumvira iryo tegeko nibwo bakize. Umwe muri bo gusa ni we wagarutse gushima Yesu, abandi bakomeje urugendo rwabo, bibagiye uwabahumanuye. Ni abantu bangana iki bakora nk'ibyo muri iki gihe? Uwiteka ahora aha abatuye isi ibyiza bye. Yegura abarwayi barembeye ku mariri yabo, akiza abantu akaga kabagenda runono, batabizi, ateguka abamalayika be kurinda abantu “ibyorezo no kubarinda mugira igendera mu mwijima cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y'ihangu³,” ariko imitima y'abantu ntabwo ibyitaho. Nubwo Imana yatanze ubutunzi bw'ijuru ryose nk'ikiguzi cyo kubacungura, urukundo rwayo rwinsihi ruhura n'imitima y'indashima yimura ubuntu bw'Imana. Ntibabona ko imitima yabo imeze nk'ubutayu, n'uburyo imitima yabo yibereye mu kidaturwa.

Mu kugumana urwibutso rwa kimwe mu byiza by'Imana, kwizera kwacu kurakomera kandi kukarushaho kugira ubushobozi bwo kurushaho gusaba no kwakira. Mu mugisha wose duhabwa n'Imana, habonekamo imbaraga irushaho kudukomeza kurusha ibiganiro byerekeranye no kwizera n'ubunararibonye bw'abandi. Umutima wakira ubuntu bw'Imana umeze nk'umurima uvomerwa. Imbaraga zizakura vuba, umucyo we uzarasira mu mwijima kandi ubwiza

bw'Uwiteka buzaharasira. Tujye twibuka kugira neza k'Uwiteka n'ubuntu bwe butarondoreka. Nk'ubwoko bw'Isiraeli dushyireho amabuye y'ibihamya kugira ngo twandikeho amateka y'ibyo Imana yadukoreye. Maze nitujya twiyibutsa ibyo Imana yadukoreye mu rugendo rwacu rwose, tujye tuvuga n'imitima yuzuye ishimwe tuti : “Ibyiza yangiriye byose, ndabimwitura iki? Nzakira igikombe cy'agakiza, nambaze izina ry'Uwiteka. Nzahigurira Uwiteka umuhigo wanjye, ni koko nzawumuhigurira mu maso y'ubwoko bwe bwose⁴.”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 9:18-26; Mariko 5:21-43; Luka 8:40-56.

2. Yesaya 43:12.

3. Zaburi 91:6. 4. Zaburi 116:12-14.

*** **

37. ABABWIRIZABUTUMWA BA MBERE



Intumwa bari abantu bo mu muryango wa Yesu, kandi bari baramuherekeje mu ngendo ze yagendaga n'amaguru azenguruka i Galilaya. Bari barafatanyije na we imibabaro ye ndetse n'imiraho yo kwigomwa yagize. Bari baragendanye n'Umwana w'Imana baganira, bakumva amagambo ye, kandi bakamwigiraho gukorera neza abantu. Igihe Yesu yabaga yitaye ku nteko zimuzengurutse, abigishwa be babaga bari aho biteguye gukora ibyo ababwira byose, no kumufasha mu murimo we. Buri wese yabaga ari mu mwanya we; bazaniraga Umukiza abarembejwe n'indwara, kandi bakorohereza buri muntu wese. Bashakashakaga abateze amatwi

babikunze kugira ngo babasobanurire Ibyanditswe, babafasha mu buryo bwose ngo bibakuze mu by'umwuka. Batangaga inyigisho bakuye kuri Yesu, bityo iminsi yose bikabafasha kuba inararibonye. Ariko hari icyo batari babasha gukora; ni icyo gukora bari bonyine. Bari bagikeneye kwiga biruseho, ngo barusheho kugira kwihangana n'ubugwaneza. Mu gihe Umukiza yari akiri muri bo ngo abagire inama kandi akosore amafuti yabo, Umukiza yabohereje nk'abamuhagarariye.^{1''}

Akenshi inyigisho z'abatambyi n'abafarisayo zari zarabereye abigishwa urujijo, ariko gushidikanya kwabo bagushyikirizaga Yesu, maze uwo Mwigisha wabo akabasobanurira ukuri kw'Ibyanditswe byera, guhabanye n'imigenzo ; agakomeza atyo ibyiringiro byabo mu Ijambo ry'Imana, maze akababohora uko bishoboka kose mu bwoba baterwaga n'abigishamategako n'ububata bw'imigenzo. icyitegererezo cy'imibereho y'Umukiza cyateye intumwa gukura mu mico, kugira ngo bazagere ku murimo ukomeye uruta inyigisho z'amagambo gusa. Igihe bari

batakiri kumwe, nibwo bongeye kwibuka indoro ye, invugo ye n'amagambo yagiye ababwira. Kenshi cyane, iyo basakirana n'abanzi b'ubutumwa bwiza, byabaga ngombwa ko basubira mu magambo ye ; ibyo byababereye umunezero utangaje, kubw'ingaruka nziza zakurikiragaho.

Nuko Yesu ahamagara abo cumi na babiri, abatuma babiri babiri mu midugudu no mu birorero. Nta muntu n'umwe wagenda wenyine, umuvandimwe yamwohererezanyaga n'umuvandimwe we, n'incuti ikajyana n'inshuti yayo. Bityo bashoboraga gukomezanya, kugirana inama no gufatanya gusenga, imbaraga z'umwe zatabaraga intege nke z'undi. Na none hanyuma Yesu yongera gutuma abandira bigishwa mirongo irindwi. Wari umugambi w'Umukiza ko abajyana ubutumwa bwiza baba bahuje. Umurimo wacu w'ibwiriza butumwa washobora kwera imbuto nyinshi, turamutse dukurikije icyo cyitegererezo.

Abigishwa bagombaga gusubira mu butumwa bwavuzwe na Yohana Umubatiza, ndetse n'ubwa Kristo ubwe, bagira bati : “Ubwami bwo mu ijuru buri hafi.” Ntabwo bagombaga guta igihe bajya impaka babazanyaga niba Yesu w'i Nazareti ari we Mesiya, ahubwo bagombaga gusohoka mu izina rye imirimo y'imbabazi yakozwe. Yarabababwirye ati: “Mukize abarwayi, muzure abapfuye, muhumanure ababemba, mwirukane abadayimoni. Mwaherewe ubuntu mutangire ubundi.”

Mu gihe Yesu yakoraga umurimo we, yamaraga igihe kinini akiza abarwayi kuruta kwigisha. Ibitangaza bya byahamye ko nk'uko amagambo ye yari ari ko atazanywe no kugira ngo hagire ubura ubugingo, ahubwo yazanywe no gukiza. Gukiranyaga kwe kwamujyaga imbere naho icyubahirira cy'Uwiteka kikamuherekeza. Aho yajyaga hose imbabazi ze ni zo zararikaga. Mu nzira yabaga anyuzemo, abarwayi babaga bamaze gukizwa na we niko bamwogezaga bakoresheje ingingo zabo zimaze gukira. Abantu barabazengurukaga kugira ngo bumve uko basobanura ibyo Umwami Mana yabakoreye. Kuri benshi ijwi rye ni ryo babaga bumvise bwa mbere, izina rye rikaba ari ryo jambo rya mbere bavuze, cyangwa se mu maso he akaba ari ho ha mbere babonye. None se byari gushoboka bite ko badakunda Yesu ngo baririmbeye ishimwe rye? Yanyuraga mu midugudu n'ibirorero amaze nk'isoko isubira intege mu bugingo igakwiza hose ubugingo n'umunezero.

Intumwa za Yesu na zo zihamagarirwa gukora nk'uko yakoraga. Tugomba kugaburira abashonje, kwambika abambaye ubusa no guhumuriza abababaye bishwe n'agahinda, kwita ku bihebye tukabasubizamo ibyiringiro. Ubwo nibwo iri sezerano rizasohora kuri twe ngo: «Gukiranuka kwanjye kuzakujya imbere, kandi icyubahiro cy'Uwiteka kizaba kigushoreye.²» Urukundo rwa Kristo rwagaragariye mu murimo wo kwigomwa, ruzagira umumaro wo gukosora abagizi ba nabi kuruta inkota y'abacamanza. Inkota y'abacamanza ni ngombwa kugira ngo itere ubwoba abica amategeko, ariko umubwirizabutumwa w'urukundo yayirusha cyane kugira umumaro. Haba ubwo umutima winangiye cyane kubwo gucyahwa, ushobora koroha kubera imbaraga y'urukundo rwa Kristo. Umubwiriza butumwa ntabwo ashobora gusa guhumuriza abafashwe n'uburwayi bw'umubiri, ahubwo anashobora kuyobora umunyabyaha ku Muganga mukuru ushobora guhumanura umutima we ibibembe by'icyaha. Imana ikoresheje abagaragu bayo, ishaka ko ijwi ryayo ryumvwa n'abarwayi, n'imbabare, ndetse n'abo satani atwaza igitugu. Imana yifashishije ibikoresho by'abantu ishaka kugeza ku isi guhumurizwa isi itigeze kumenya.

Abigishwa, bagombaga gukora urugendo rwabo rwa mbere rw'ubutumwa “mu ntama zazimiye z'umuryango wa Isiraeli gusa.” Imbaraga yabo yari kuza kuba iy'ubusa, igahinyurwa n'Abayuda, iyo mu gihe cyo gutangira uwo murimo wabo babanza kubwira ubutumwa bwiza abapagani cyangwa Abasamaliya. Mu kujyana ubutumwa bagiye guhangana n'ibitekerezo by'abafarisayo, bari kuba biteje intambara yajyaga kubaca intege rugikubita. N'ubusanzwe, intumwa na zo ubwazo ntabwo ziyumvishaga ko ubutumwa bwiza bukwiye kwigishwa mu mahanga yose. Igihe cyose intumwa zari zitaramenya uko kuri, zari zitaratunganyirizwa gukora umurimo mu banyamahanga. Ikindi kandi, kubw'umugambi w'Imana, Abayuda bari barahamagariwe kuba intumwa ku banyamahanga; byari ngombwa ko aribo baba aba mbere mu kubanza kumva ubutumwa.

Ahantu hose Yesu yakoze umurimo hari imitima yiyumvagamwo ubukene ifite inzara n'inyota y'ukuri. Igihe cyari kigeze ngo iyo mitima ikakaye imenyeshwe iby'urukundo rwe. Abigishwa bagombaga kuba abamuhagarariye imbere y'abantu nka bo. Bityo abizera bakamenyerezwa kubona intumwa nk'abigishwa bashyizweho n'Imana maze ntibumve ko nta mwigisha basigaranye igihe Umukiza azaba abakuwemo.

Intumwa zagombaga gukora urwo rugendo rwazo rwa mbere ahantu Yesu yanyuze gusa n'ahantu yabaga yaramaze kugira incuti. Bityo rero, imyiteguro y'urugendo rwabo yagombaga kuba mito cyane. Nta kintu cyari gikwiriye kurangaza ubwenge bwabo ngo bibagirwe umurimo ukomeye cyane cyangwa ngo kibatere intonganya zibasha gukoma mu nkokora umurimo wabo. Ntibagombaga kwitwaza imyenda y'abigishamategako y'idini, kuko nta kintu na kimwe cyari gikwiriye guhisha inkomoko yabo iciye bugufi. Ntibagombaga guteraniriza amateranirwa mu masinagogi, umurimo wabo wari uwo kuva mu rugo ujya mu rundi. Ntabwo bagombaga guta igihe cyabo mu kuramukanya no kwakirwa bidafite icyo bimaze. Ahantu hose, bagombaga kwishimira gucumbika mu babishimira bakabakirana urugwiro bumva ko ari Kristo ubwe bakiriye. Inzu bagombaga kwinjiramo bari bakwiriye kubaramutsa neza bati : “Amahoro abe muri uru rugo.”³ Urwo rugo rwazanirwaga umunezero n'amasengesho yabo, n'indirimo zabo zo guhimbaza no gusomera Ibyanditswe byera muri uwo muryango.

Abo bigishwa bagombaga kugenda ari intwari z'ukuri k'ubutumwa bwiza, bagategura inzira kubwo kuza k'Umwigisha wabo. Bagombaga kujyana ubutumwa bw'ubugingo bw'iteka, amaherezo y'abantu yajyaga guterwa n'uko bifashe imbere y'ubwo butumwa. Kugira ngo agaragaze ukuntu ubwo butumwa bukomeye, Yesu yabwiye abigishwa be ati : “kandi nibanga kubacumbikira cyangwa kumva ibyo muvuga, nimuve muri icyo nzu cyangwa muri uwo mudugudu, mukunkumure umukungugu wo mu birenge byanyu. Ndababwira ukuri yuko ku munsu w'amateka igihugu cy'i Sodomu n'i Gomora kizahanwa igihano cyakwihanganirwa kuruta icy'uwo mudugudu.”

Noneho amaso y'Umukiza ayerekeza ahazaza, abona ahantu hanini cyane abigishwa bazamuhamiriza nyuma y'urupfu rwe. Ijisho rye rya gihanuzi ribona uburyo abigishwa bazakora umurimo uko ibihe bihaye ibindi kugeza agarutse. Niko kubwira abamukurikiye intambara zibarindiriyeye; abamenyesha umugambi w'icyo ntambara n'uko imeze kandi abashyira imbere akaga bazahura na ko, anababwira ukwiyanga bagomba kuzagira. Umukiza yashakaga ko bamenya icyo kumwumvira bizabasaba kugira ngo umwanzi atazabatungura. Ntabwo ari abafite inyama n'umubiri bazarwana nabo, ahubwo “ni abatware n'abafite ubushobozi n'abatega iyi si y'umwijima, n'umyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.”⁴ Niba bagomba gusakirana n'imbaraga ndengakamere, bagomba kwiringira ubutabazi

ndengakamere. Ingabo z’Imana zirimo ubwenge bwose bwo mu ijuru. Mu mitwe yazo harimo abamarayika batabarika. Umwuka wera uhagarariye Umugaba w’ingabo z’Uwiteka, amanurwa no kuba umuyobozi w’urugamba. Dushobora kugira ubumuga bwinshi, ibyaha ndetse n’ibicumuro bikabije; ariko ubuntu bw’Imana bugera ku bantu bose babushakana umutima umenetse. Imbaraga zishobora byose zashyiriweho kurwanirira abiringira Imana bose.

Yesu yaravuze ati : “Dore mbatumye muri nk’intama hagati y’amasega. Nuko mugire ubwenge nk’inzoka kandi muzabe nk’inuma mutagira amahugu.” Nta kuri na guke Kristo yirengagije ahubwo igihe cyose yavuze ukuri mu rukundo, akagaragaza amakenga no kwitonda cyane mu mibanire ye n’abandi, nta gukoresha guhutaza abandi cyangwa amagambo y’ubukana atagira icyo amaze, yababaza umutima woroshye. Ntabwo yigeze ahinyura intege nke za kimuntu, igihe yacyahaga uburyarya no gushidikanya n’icyaha; yabivuganaga amagambo akakaye mu ijwi rye humvikana amarira y’ikiniga. Aririra Yerusalemu umurwa yakundaga yari ababajwe n’uko banze kumwakira, kandi ari we nzira, ukuri n’ubugingo. Yarebanaga impuhwe abanga umucunguzi wabo, maze umutima we ugashengurwa n’agahinda kuko mu maso ye umutima wose ari uw’igiciro kinini. Nubwo buri gihe yahoranaga icyubahiro cy’ubumana, yacaga bugufi afite ubwuzu bwinshi, imbere ya buri munyamuryango wo mu nzu y’Imana. Kandi buri muntu yamubonagamo umutima waguye, uwo yari yazanywe no gukiza.

Abakozi ba Kristo, ntibakwiye kumvira ibyifuzo by’umutima wa kamere, ahubwo bakwiriye guhora bashyikirana n’Imana, kugira ngo niba bahemukiwe kamere ye kubyuka ngo ivundereze amagambo atagira umumaro kuko adashobora kuba nk’ikime gihembura ibyatsi byarabye. Ibyo nibyo satani abateza; imikorere imeze ityo ni iye, ikiyoka kiba cyarakaye, umwuka wa satani ni wo ubyutswe n’uburakari no kwivovota. Abakozi b’Imana n’abayihagarariye, bakoresha ishusho y’ijuru gusa iriho ipica y’Imana n’inyandiko ya yo. Imbaraga za Kristo nizo bakwiriye kuneshesha ikibi. Imbaraga zabo ni icyubahiro cya Kristo. Amaso yabo bakwiye kuyahanga ku mico myiza y’Umwigisha wabo kuko aribwo bazashobora guhagararira ubutumwa bwiza bafite kugwa neza. Umutima ukomeza ugakunda nubwo haba ari mu bitutsi, uzashobora kugaragaza ukuri urushe amagambo akomeye y’ubutyoza.

Iyo abantu bagiye impaka n'abanzi barwanya ukuri, ntabwo baba bahanganye n'abantu gusa, ahubwo baba banahanganye na satani n'abamalayika be. Nuko rero, ubwo nibwo abantu baba bakwiriye kwibuka amagambo y'Umukiza ngo : “Nimugende, dore mbatumye mumeze nk'abana b'intama hagati y'amasega.”⁵ Nuko turuhukire mu rukundo rw'Imana, nibwo umutima wacu uzabasha gutuza bona nubwo twaba turi mu bihe tugirirwa nabi. Uwiteka azatwambika ingabo y'ijuru idukingira. Umwuka we azakoresha ubwenge n'umutima w'abigishwa ba Yesu kugira ngo amajwi yabo atigana guhuma kw'amasega.

Yesu akomeza kwigisha abigishwa be muri aya magambo agira ati : “Mwirinde abantu!” Ntabwo bari bakwiriye kwiringira rwose abantu batazi Imana ngo babahishurire inama zabo, kuko ibyo byaha urwaho abakozi ba satani. Akenshi ibihimbano by'abantu bikoma mu nkokora imigambi y'Imana. Kuko twahamagariwe kubaka urusengero rw'Uwiteka, dukwiye kurwubaka dukurikije icyitegererezo cyagaragarijwe ku musozi: icyitegererezo cyatanzwe n'Imana. Imana irasuzugurwa n'ubutumwa bwiza bukagira inkomyi igihe abanzi bayo bakurikije inama z'abantu banga kuyoborwa n'umwuka wera. Ubwenge bw'abantu ni ubupfu mu maso y'Imana. Byaba ari ukwishuka kubwishingikirizaho.

«Bazabagambanira mu nkiko, ... Bazabashyira abatware babampora muzabe abo guhamya imbere yabo n'imbere y'abapagani.» Akarengane kazatuma umucyo ukwirwakwizwa. Abakozi ba Kristo bazajyanwa imbere y'abakomeye b'iyi si kuko iyo bitaza kumera gutyo ntibajyaga kubona akanya ko kumva ubutumwa bwiza. Ukuri kwabagezeho nabi, ukwizera kw'abigishwa ba Kristo niko kwabaye intandaro y'ibirego by'ibinyoma. Akenshi abo bakomeye nta bundi buryo baba bafite bwo kumenya imiterere nyakuri yo kwizera, ku buryo ubuhamya bw'abajyanwa mu nkiko aribwo bubasobanurira. Mu gihe cyo kuburanisha abarezwe, nibwo abacamanza babona akanya ko kwakira ubuhamya bwabo. Ubuntu bw'Imana buzashoboza abakozi bayo guhangana n'ikirego cyose. «Icyo muzavuga muzagihabwa ako kanya; kuko atari mwe muzaba muvuga ahubwo ari umwuka wa So uzabavugisha.» Abakozi b'Imana, bamurikiwe n'umwuka wayo, bazerekana ukuri bafite imbaraga z'ijuru, kandi banagaragaze agaciro ka ko. Abanga ukuri bazarega abigishwa kandi babarenganye. Ariko abana b'Uwiteka bahamagarirwa kwerekana icyitegererezo cy'ubugwaneza bwo mu ijuru ndetse no mu gihe cy'umubabaro no kwicwa n'inzara, naho byabageza ku rupfu. Uko niko

hazagaragara itandukaniro riri hagati y'abakozi ba satani n'abahagarariye Kristo. Umukiza azererezwa imbere y'abatega na rubanda.

Abigishwa bahawe ubutwari no gushikama by'abahowe Imana igihe ubwo buntu bwabaga bukenewe. Nuko isezerano ry'Umukiza rikaba risohojwe. Igihe Petero na Yohana batangaga ubuhamya imbere y'Inama nkuru y'Abayuda, Abayuda «baratangaye... bibuka ko babanaga na Yesu.⁶» Ibyanditswe bivuga kuri Stefano ngo : “Abicaye mu rukiko bose bamutumbiriye babona mu maso he hasa n'aha maraika.” “Nyamara ntibabasha gutsinda ubwenge n'umwuka bimuvugisha.”⁷ Pawulo avuga iby'urubanza rwe mu rukiko rw'abakayizari agira ati : “Mu iburana ryanjye rya mbere, ntawampagarikiye... Nyamara Umwami wacu yarampagarikiye, arankomeza, kugira ngo ubutumwa bubwirizwe n'akanwa kanjye butagabanije, abanyamahanga bose babwumve. Nuko nkira akanwa k'intare.”⁸

Abakozi ba Kristo ntibakwiye kwitegura mbere amagambo bakwiye kuzavugira imbere y'abacamanza. Umwiteguro wabo, uko bukeye n'uko bwije, wari ukwiye kuba uwo kubika mu mitima yabo ukuri kw'Ijambo ry'Imana kukababera ubutunzi, kandi kwizera kwabo kugakomezwa no gusenga. Mu bihe bikomeye Umwuka wera yari kuzajya yibutsa ibitekerezo byabo ukuri gukenewe.

Kwihatira buri gihe kumenya Imana na Yesu Kristo yatumye, byari gutuma umutima ukomera kandi ukuzura ubwenge. Ubumenyi buturutse mu kwiga Ibyanditswe byera ubishimikiriye byari kuzajya bigaruka mu ntekerezo mu gihe gikwiriye. Ariko umuntu uzaba warakerensheje kwimenyereza amagambo ya Kristo, kandi igihe cy'ibigeragezo akaba ataragize ubunararibonye bw'imbaraga y'ubuntu, ntiyashobora kwizera ko Umwuka wera azageza mu bwenge bwe amagambo y'Imana. Abigishwa buri muni bagombaga gukorera Imana n'umutima wabo wose, hanyuma bakabona gutegereza icyo bahabwa na yo.

Kwanga ubutumwa byari bigiye gufata intera ndende ku buryo isano ya hano ku isi naho yaba ikomeye ite yajyaga kwibagirana. Abigishwa ba Kristo bari bagiye kugambanirwa ndetse bakanicishwa n'abavandimwe bo mu miryango yabo bwite. Yesu yakomeje agira ati : “Muzangwa n'abantu bose babahoye izina ryanjye, ariko uwihangana akageza imperuka azakizwa.”⁹ Nyamara yabahuguriye

kutukururira akarengane bitari ngombwa. Akenshi cyane na Yesu ubwe yavaga aho yakoreraga akajya ahandi kugira ngo yikize abashakaga kumwica. Igihe yabonye ko i Nazareti yanzwe na bene wabo bwite, bakaba ari bo bashakaga kumwica, yarimanukiye ajya i Kaperinaumu aho bose bamwumvise bagatangara, “kuko ijamba rye ryari rifite ubushobozi.”¹⁰ Nk’uko yabigenje, abakozi be nabo bagomba kudacibwa intege n’akarengane, ahubwo bagahungira ahantu bazashobora gukomeza gukora bakiza imitima.

Umugaragu ntaruta shebuja. Igikomangoma cy’ijuru cyiswe Berizeburi, nuko rero n’abigishwa be nabo bazatukwa batyo. Abigishwa ba Kristo kugira ngo batigira nk’abishushanya, bagomba guhamya no kwatura amahame yabo nubwo akaga kaba gakomeye gate. Ntibashobora gutegereza igihe cy’amahoro asesuye ngo babone kwamamaza ukuri. Bashyizweho nk’abarinzi kugira ngo bamenyeshe abantu iby’akaga no kurimbuka, bakwiriye kugeza kuri bose ukuri bahawe na Kristo ku buntu kandi no ku mugaragaro. Yesu yarababwirije ati : «Ibyo mbabwiriye mu rwiherero, muzabivugire ku mugaragaro kandi n’ibyo mbabwiriye mu rwongorero muzabivugire hejuru y’amazu.»

Yesu na we ubwe ntabwo yashyikiriye amahoro binyuze mu mishyirano. Nubwo umutima we wari wuje urukundo akunda bene muntu bose, ntabwo acibwa intege n’ibyaha byabo; kubwo gukunda abantu ntiyigeze yicecekera mu gihe yabonaga imitima yaguze igiciro cy’amaraso ye, igenda igana ku kurimbuka. Yihatiraga kumvisha umuntu ko akwiriye kumwiringira ubwe, n’inyungu zihebuje kandi z’iteka ryose. Abakozi ba Kristo bazakora imirimo nk’iye kandi birinde, kugira ngo mu kwirinda amacakubiri ukuri kutirengagizwa. Bagomba kuba “abashakaga ibihesha amahoro,”¹¹ ariko nyamara amahoro nyakuri ntabwo n’umuntu wica amahame, kandi nta muntu waba indahemuka ku mahame atarwanijwe. Ubukristo nyakuri bwuzuye iby’umwuka buzabyutsa intambara mu bana bo kutumvira. Ariko Yesu abwira abigishwa be ati: “Ntimutinye abica umubiri badashobora kwica ubugingo.” Umuntu wese wumvira Imana ntagomba gutinya ubutware bw’abantu cyangwa urwango rwa satani. Muri Kristo Yesu harimo ubugingo bw’iteka. icyo dukwiriye gutinya ni kimwe: ni ukuva mu kuri no kuriganya ibyiringiro Imana iba yarakwambitse.

Umurimo wa satani ni uwo gutera imitima gushidikanya. Satani yihatira kwerekana Imana nk’umucamanza w’intababarira. Bwa mbere akururira abantu mu

byaha, hanyuma akabatera kwihebishwa n'ubuhanya bwabo ku buryo badatinyuka kwegera Data wa twese wo mu ijuru; kandi ntibiringire imbabazi ze. Ibyo byose umwami Imana arabizi. Nicyo cyatumye Yesu aha abigishwa be igihamba cy'uko urukundo rw'Imana bazajya baruhabwa uko barukeneye no mu ntege nke zabo zose. Nta gusuhuza umutima, nta mubabaro n'agahinda bitumvikana mu mutima wa Data.

Bibliya itwerekako ko Imana ituye ahantu hirengeye cyane kandi hera, itiyicariye gusa ngo yitwize nta kiyisakuriza, ko ahubwo izengurutse n'uduhumbagiza tw'ibizima by'ubwenge byiteguye gusohozamategako yayo. Ikoresheje uburyo tudashobora gusobanukirwa cyangwa kureba, Imana ihora ishyikirana n'ibintu byose biri mu bwami bwayo. Ariko ni kubw'iyi si yanduye n'abayituye Imana yatangiye Umwana wayo w'ikinege; aho ni ho haboneka inyungu zayo ndetse n'iz'ijuru ryose. Iri ku ntebe yayo, Imana yitaye ku gusenga kw'abatagira shinge na rugero. Ishengesho ryose ry'ukuri Imana irisubiza igira iti : "Ndi hano." Yunamurabari mu makuba baribatirwa mu mukungugu. Igihe cyose tugeze mu bishuko cyangwa mu bigeragezo. Marayika wo kuboneka kwe, aduhagarara iruhande ngo adukize.

Nta gishwi na kimwe kigwa hasi ngo gipfe Uwitwize atabizi. Urwango satani yanga Imana rumutera kwanga ikintu cyose Umukiza yitaho. Yihatira gukoma mu nkokora umurimo ukomeye w'Imana, kandi anezwazwa no kurimbura n'utwemw naho twaba ari dutoya dutwe. Uburinzi bw'Imana nibwo butuma inyoni zishobora kutwemeza kubw'amajwi yazo meza. Ibishwi na byo Imana ntibyirengagiza, kuko nta na kimwe kigwa hasi Data wa twese atabizi. «Nuko ntumutinye kuko muruta ibishwi byinshi.»

Yesu akomeza agira ati : «Umuntu wese uzampamiriza imbere y'abantu nanjye nzamuhamiriza imbere ya Data n'imbere y'abamarayika bera.». Mwahamagariwe kumera abahamya mu isi, kandi ku bwanyu ubuntu bwanyje bugomba gukwizwa mu isi kugira ngo bukize abantu. Mu ruhande rwanyje nzabahagararira mu ijuru. Data ntazabona ibitaboneye byo mu mico yanyu, kuko muzambara ugutungana kwanjye. Imigisha ivuye mu ijuru izabageraho inyuze muri njye. Kandi umuntu wese umpanya agafatany n'igitambo cyanjye gukiza imitima

yazimiye nanjye nzamuhamya kandi nzamuha gusangira n'abacunguwe icyubahiro n'umunezero.

Nta n'umwe ushobora guhamya Kristo keretse Kristo atuye muri we. Nta n'umwe ushobora gutanga icyo atahawe. Abantu bashobora kuvugana ubutyoza amahame, ndetse bashobora no gusubira mu magambo ya Kristo; ariko mu by'ukuri ntawashobora kumuhamya keretse afite imico yo kugwa neza no gukunda nka Kristo. Kugira umwuka utari nk'uwe ni ukumwihakana idini waba urimo iyo ariyo yose.

Umuntu ashobora guhakana Kristo kubwo kunegurana cyangwa amagambo y'ubupfu n'ibinyoma cyangwa se adashimwa. Umuntu ashobora kumwihakana yihunza inshingano agashaka ibinezeza bidakwiriye. Umuntu ashobora kumwihakana yihuza n'isi, akabura urukundo, yinangirira ku bitekerezo bye bwite no gushaka kwitsindishiriza, ateza gushidikanya n'intonganya no kuguma mu mwijima. Muri ibyo byose umuntu aba agaragaje ko adafite Kristo muri we. Nyamara, Yesu yaravuze ati : «Unyihakanira imbere y'abantu nanjye nzamwihakanira imbere ya Data uri mu ijuru.»

Umukiza yabwiye abigishwa ko badakwiriye kwizera ko urwango isi yanga ubutumwa bwiza ruzashira. Yaravuze ati : «Sinazanywe no kuzana amahoro ku isi, ahubwo naje kuzana inkota.» Ubutumwa sibwo butera intambara, ahubwo ni ababurwanya buhura na bo. Mbese hari ikintu kiruhije kwihanganirwa mu karengane nko kutumvikana n'abavandimwe mu muryango n'inshuti zawe magara ? Yesu yaravuze ati : «ukunda ababyeyi be kubandutisha, ntakwiriye kuba uwanjye. Kandi ukunda umuhungu we cyangwa umukobwa we kubandutisha ntakwiriye kuba uwanjye. Kandi utikorera umusaraba we ngo ankurikire ntakwiriye kuba uwanjye.»

Umurimo w'abakozi ba Kristo ni uw'icyubahiro gikomeye, ni ububiko bwera. Yaravuze ati : «Ubemeye ninjye aba yemeye; kandi unyemera aba yemeye Iyantumye.» Nta gikorwa cy'ubuntu bazagirirwa mu izina rye kizirengagizwa cyangwa ngo kibure ingororano. Ndetse n'abanyanteye nke n'abaciye bugufi hanyuma y'abandi bo mu muryango w'Imana abitaho n'urukundo rwinshi; aho agira ati : «uzanywesha umwe muri aba bato ku gacuma k'amazi akonje gusa, kuko ari umwigishwa wanjye; uvugwa hano ni umuto mu byo kwizera no kumenya Yesu, ndababwira ukuri ko atazabura ingororano ye.»

Ubwo nibwo buriy Umukiza yashoje ibyigisho bye. Nuko abo cumi na babiri bagenda mu izina rya Kristo nk'uko na we ubwe yajyaga agenda «kugira ngo babwirize ubutumwa bwiza abakene;... ngo impumyi zihumuke, no kubohora ibisenzegeri no kumenyesha abantu iby'umwaka umwami agiriyemo imbabazi.¹²»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 10; Mariko 6:7-11; Luka 9:1-6.
2. Yesaya 58:8.
3. Luka 10:5.
4. Abefeso 6:12.
5. Luka 10:3. 6. Ibyakozwe n'intumwa 4:13.
7. Ibyakozwe n'intumwa 6:15,10
8. 2 Timoteyo 4:16,17.
9. Mariko 13:13.
10. Luka 4:32.
11. Abaroma 14:19.
12. Luka 4:18,19.

*** **

38. MUZE AHIHEREREYE....MURUHUKE



Hanyuma y'urugendo rwabo rwo kuvuga ubutumwa, “intumwa ziteranira aho Yesu ari, zimubwira ibyo zakoze byose n'ibyo zigishije. Yesu arazibwira ati: Muze mwenyine ahiherereye aho abantu batari, muruhuke ho hato. Kuko hari abantu benshi banyuranamo bikaba ari urujya n'uruza, babura uko barya.”¹

Abigishwa basanga Yesu maze bamubwira byose. Ubucuti bagiranaga na Yesu nibwo bwabateraga umwete wo kumubwira ibibabaho byose, binejeje cyangwa bibabaje, umunezero bagiraga babonye umusaruro w'imbaraga zabo, kimwe n'agahinda bagiraga batsinzwe, amakosa yabo n'intege nke zabo. Bari bakoze amakosa mu murimo wabo wa kumubwira ukuri kw'ibyababayeho byose.

mbere babwiriza ubutumwa; bamaze Kristo yumva ko bakeneye ubundi bumenyi bw'inyongera. Kandi abona ko bananiwe bakaba bakeneye ikiruhuko.

Ukurikije aho bari bari, ntaho kuruhukira hari hahari “kuko hari urujya n'uruza rw'abantu, bakabura nuko barya.” Abantu babyiganiraga kuri Kristo bamukikije bifuza gukira no kumva amagambo ye. Abantu benshi bumvaga bareherezwa kumusanga, kuko babonaga muri we harimo isoko y'imigisha yose. Benshi mu bamusangaga ngo abakize, bamwemeye nk'Umukiza wabo. Abandi batatinyutse kubyerura kubera gutinya abafarisayo, baje kwihana hanyuma igihe Umwuka wera yamanukaga maze bemera ko ari Umwana w'Imana; ntibatinya ubukana bw'abatambyi n'abakuru.

Ariko ubu bwo Kristo yifuzaga kujya ahiherereye; yashakaga kubana n'abigishwa be gusa, kuko yari afite ibindi yababwira. Hariho intambara bagombaga

kwihanganira basohoza inshingano zabo kandi bari basakiranye n’uburyo bwinshi bubarwanya. Bari baragize akamenyero ko kugisha Yesu inama ku byo bahuye nabyo byose, ariko igihe babaga ari bonyine, akenshi byarabayoberaga batazi uko bagenza ngo bakore neza. Umurimo wabo wari wabateye ishema kuko Kristo yabohereje abaherekeresheje Umwuka we, nuko ukwizera bari bafite muri we kubabashisha gukora ibitangaza. Ariko noneho ubu bwo bari bakeneye kugaburirwa umutsima w’ubugingo. Byari bibakwiriye ko bajya ahantu hiherereye kugira ngo bashobore gusabana na Yesu no kwakira amabwiriza azabafasha gusohoza umurimo wari ubari imbere.

Kristo afitiye impuhwe n’urukundo abantu bakora mu murimo we. Yifuzaga kwereka abigishwa be ko Imana itanezewa n’ibitambo ko ahubwo inezewa n’imbabazi. Kuko bari bamaze gukoresha umutima wabo wose bakorera abandi kandi imbaraga z’ubwenge n’umubiri zinaniwe, bagombaga kuruhuka.

Kuba barageze ku ntogo n’umuhati wabo, byabashyiraga mu kaga ko kwiyitirira ibyo bagezeho. Kugira ubwibone mu by’umwuka ni uguhinduka umuhigo w’ibishuko bya satani. Ikintu cya mbere bagombaga kwiga kubera umurimo mugari wari ubashyizwe imbere, kwari ukumenya ko imbaraga bafite atari izabo ubwabo, ko ari iz’Imana. Nkuko byagendekeye Mose mu butayu bwa Sinaï, Dawidi mu misozi y’i Buyuda cyangwa se Eliya ku kagezi ka Kileti, niko n’abigishwa bari bakeneye kujya ahantu hiherereye kure y’umurimo wabo ngo babone uko basabana na Kristo, n’ibyaremwe ndetse n’imitima yabo ubwabo.

Igihe abigishwa bari mu rugendo bavuga ubutumwa, Yesu yari yarasuye indi mijyi n’ibindi birorero, yigisha ubutumwa bwiza bw’ubwami. Ubwo nibwo yamenye iby’urupfu rwa Yohana Umubatiza. Ibyo bimwibutsa iherezo rye yagendaga asatira. Inzira ye irushaho kugenda ibudikamo umwijima. Abatambyi n’abigishamategako baramugambaniraga ngo yicwe, abatasi bamwogaga runono, kandi impande zose bahataniraga kumukuraho. Kwigisha kw’intumwa i Galilaya hose gutera Herode kwibaza kuri Yesu ndetse no ku murimo we. Yaravuze ati : “Uwo ni Yohana Umubatiza wazutse;” ni cyo cyatumye yifuza kubona Yesu. Herode yahoranaga ubwoba iteka, yahoraga atinya ko bakora imyivumbagatanyo rwihishwa bagambiriye guhirika ingoma ye, maze bakihimura uburetwa Abaroma

bari barashyize ku ishyanga ry'Abayuda. Umwuka wo kwivumbagatanya wagaragaraga muri rubanda. Byaragaragaraga ko imirimo Kristo akorera rubanda itari gukomeza igihe kirekire i Galilaya. Imibabaro ye yari yegereje, kandi Yesu yumvaga akeneye kujya ahikinze, kure y'urujya n'uruza rw'abantu.

Abigishwa ba Yohana bashengurwa n'intimba nyinshi bahambye umurambo wa Yohana utariho igihanga. Hanyuma “Bajya kubibwira Yesu.” Abo bigishwa bari bababajwe no kubona ko Yesu yasaga n'uri gukura abantu kuri Yohana. Bari baragiye mu ruhande rw'abafarisayo igihe baregaga Yesu ko bamubonye yicaranye n'abakoresha b'ikoro mu birori byo kwa Matayo. Kuba atarabohoye Yohana Umubatiza, byateye abigishwa ba Yohana gushidikanya umurimo wamuzanye. Maze umwigisha wabo amaze gupfa, bakenera ubahumuriza mu gahinda kabo akabayobora mu murimo wari ubategereje; niko gusanga Yesu bafatanye nawe umurimo. Nabo rero bari bakeneye akanya gato ko kwiherera no gusabana n'Umukiza.

Bari mu gihe cy'urugaryi. Bugufi bw'i Betesida mu majyaruguru y'ikiyaga, hari akarere gatuje kandi gatoshye, ako niko kari kabereye Yesu n'abigishwa be aho kwikinga. Bagenda berekeje muri ako karere maze bambuka inyanja mu bwato. Bari kure y'inzira nyabagendwa bitaruye imivurungano y'imirimo y'abantu n'imidugararo yo mu mujyi. Ibyaremwe ni byo byari bimubereye uburuhukiro, bikamusubizamo intege. Aho bashoboraga kumva amagambo ya Kristo nta kibarogoya, nta guterana amagambo n'ibirego by'umujinya by'abanditsi n'abafarisayo. Bashoboraga kwishimira umwanya muto bari bafite wo kwibanira n'Umwami. Ntabwo ari ikiruhuko cy'ubwiko Yesu yari agiriye abigishwa be. Igihe cyo kwiherera bari bagiye kumara ntabwo cyari kigenewe kwishakira ibibanzeza. Bari bagiye kuganira iby'umurimo w'Imana n'uburyo habaho umusaruro munini mu byo bakora. Kuko bari kumwe na Kristo, abigishwa bamwumvaga neza, ntiyari akeneye kuvuganira na bo mu migani. Yakosoraga amakosa yabo kandi akabumvisha uko bakwiriye gushyikirana n'imitima y'abantu. Yabahishuriye byimazeyo ubutunzi bukomeye bw'ukuri kw'Imana. Abakomereshya imbaraga y'ijuru, kandi bahabwa Umwuka mushya n'imbaraga nshya.

Nubwo Yesu yashoboye gukora ibitangaza, agaha n'abigishwa be ubushobozi bwo kubikora, ntibyamubujije ko ajyana abakozi be ahiherereye kuko

bari bananiwe, kugira ngo baruhukire aho bitegereza ibyaremwe. Igihe yababwiraga ko imirima yeze, ariko abasaruzi bakaba bake, umugambi we ntiwari uwo kubakoresha ubudahwema. Dore uko yababwiye ngo: “Nuko rero mwinginge nyiribisarurwa, yohereze abasaruzi mu bisarurwa bye.”² Imana yahaye buri wese umurimo ikurikije ubushobozi bwe³, nuko rero kubw’ibyo ntihakwiriye kuba bamwe bashengurwa n’umurimo, mu gihe abandi nta mutwaro bafite kandi bitaye ku mitima.

N’uyu munsu nabwo, Kristo arabwira abagaragu be baruhijwe n’umurimo, aya magambo y’imbabazi ngo : “Muze mwenyine twiherere, muruhuke ho hatu.” Ntabwo ari byiza gukomeza gushengurwa n’umutwaro no kuruha, ndetse n’igihe waba wita ku bukene bw’abantu mu by’umwuka, kuko waba wirengagije imibereho myiza y’umuntu, maze umutima n’umubiri bikaremererwa. Abigishwa ba Kristo bahamagarirwa kwiyanga ndetse bakitangaho ibitambo, ariko bakwiriye kwitonda kugira ngo gukabya kwabo kunaniza kudaha satani urwaho maze mu munaniro wabo wa kimuntu bikonona umurimo w’Imana.

Abigishamategako babonaga ko imirimo y’akajagari ari ikimenyetso cyo gukiranuka ko mu rwego rwo hejuru. Ugukiranuka kwagombaga kwerekanwa n’imirimo igaragarira amaso. Bityo rero bagiye kure y’Imana, maze bifubika imbaraga zo kwihaza kwabo. Ingorane nk’izo ziracyariho na bugingo n’ubu. Uko umurimo ugenda ukura n’ibyo umuntu akorera Imana bikagenda neza, hagenda habaho akaga ko kwiringira uburyo bw’imikorere n’imigambi ya kimuntu. Ibyo bituma gusenga kugabanuka, no kwizera kukaba gucye. Bityo, nkuko byagendekeye abigishwa, umuntu yiyumvamo ko adakeneye kugengwa n’Imana maze agashakira agakiza mu mirimo ye bwite. Dukwiriye kureba kuri Yesu iteka ryose, maze tugasobanukirwa ko imbaraga ye yonyine ari yo ikora. Mu gihe dukorana umwete mu gukiza abazimiye, dukwiriye gufata akanya ko gusenga no kwiga Ijambo ry’Imana. Imbaraga ziherekajwe n’amasengesho zonyine kandi zejejwe no gukiranuka kwa Kristo, ni zo zizakora igihe kirekire, zirwanirira icyiza.

Nta muntu n’umwe wigeze agira imibereho yuzuyemo imirimo myinshi kurusha Yesu, nyamara igihe kinini yagikoreshaga asenga. Yahoraga asabana n’Imana. Kandi inshuro nyinshi dusoma ibisobanuro muri aya magambo ngo : “Nuko mu museke arabyuka arasohoka ajya mu butayu asengerayo.” “Ariko we,

abavamo yiherera mu butayu asenga;” “nuko muri iyo minsi avayo, ajya ku musozi gusenga: akesha ijoro asenga Imana.⁴”

Nubwo ubuzima bwe bwose bwaranzwe no gukora ibyiza, Umukiza yabonaga ko ari byiza kwitarura inzira nyabagendwa, maze akiherera ngo abe abishije inteko zahoraga zimukikije. Yagombaga kuba ahagaritse umurimo we utarangira, akaba aretse guhura n’abamukeneye kugira ngo yiherere yongere gusabana na Se. Yabaye umwe natwe, asangira natwe ubukene bwacu n’intege nke zacu, yagengwaga n’Imana kandi imbaraga z’Imana akazishakira mu isengesho ryo mu rwiherero, kugira ngo zimubashishe gusohozza inshingano ye no kwihanganira ibigeragezo. Kuko yari mu isi y’icyaha, yihanganiye intambara n’imibabaro. Gusabana n’Imana kwe, niko kwamubashishaga kururutsa umutwaro w’imibabaro wajyaga kumushengura. Amasengesho yamugaruragamo ubuyanja n’umunezero.

Gutaka kwa kimuntu Yesu yagize, kwabyutsaga impuhwe zitagira iherezo za Data wa twese. Nk’umuntu, amasengesho ye yayerekezaga ku ntebe y’Imana, ingaruka zikaba ko imbaraga z’ijuru zazaga kumukomeza mu bumuntu bwe maze zikarema isano hagati y’ubumuntu n’ubumana. Kubwo gusabana n’Imana kwa buri gihe, Imana yamuhaga ubugingo ashobora kugeza ku batuye isi. Turarikiwe guhora tugenze nka we.

Aratubwira ati: “Nimuze mwese ahiherereye”. Twabasha kuba abanyambaraga kandi tukagira umumaro turamutse twumviye iyo nama. Abigishwa bamaze kubwira Yesu byose arabakomeza kandi arabahugura. Uyu muni nidufata igihe cyo kumusanga maze tukamubwira ubukene bwacu bwose, ntituzakorwa n’isoni; azaduhagarara iruhande kugira ngo adufashe. Ikidukwiriye ni ukugaragaza ukwicisha bugufi kandi tukagira ibyiringiro mu Mukiza wacu. Ni Umujyanama, Igitangaza, yitwa Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho, Umwami w’amahoro.” Uwo ni we wavuzwe ngo “Ubutware buzaba ku bitugu bye.” Turarakirwa gushaka ubwenge bumukomokaho “ kuko atanga atimana kandi atishama⁵.”

Abantu bose bari mu ishuri ry’Imana bakwiye kugira imibereho itihuza n’iy’ab’isi, batihuza na yo mu migirire no mu mico, buri wese nkuko ubunararibonye bwe buri, akwiriye kumenya icyo Imana ishaka. Buri wese akwiriye kuyumva ivugana n’umutima we bwite. Tumaze gucecekesha ayandi majwi yose

maze tukaguma imbere y’Imana, gutuza kw’imitima yacu niko kuzadushoboza kumva neza ijwi ry’Iri hejuru cyane. Uwiteka Imana aravuga ati : “Nimworoshye, mumenye ko ari jye Mana; niko Uwiteka avuga⁶.” Aho honyine ni ho hari uburuhukiro bw’ukuri, umuntu yitegurira gukorera Imana. Mu iteraniro ry’abantu no mu rusaku, ndetse no mu mirimo idacogora, umutima washubijwemo ubuyanja utyo, uba uzengurutswe n’Umwuka w’umucyo n’amahoro. Impumuro nziza iwuvamo yerekana imbaraga y’Imana, ishobora gukabakaba ku mitima.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 14:1,2, 12,13; Mariko 6:30-32; Luka 9:7-10.

2. Matayo 9:38.

3. Abefeso 4:11-13.

4. Mariko 1:35; Luka 5:16; 6:12.

5. Yesaya 9:6,5; Yakobo 1:5. 6. Zaburi 46:11.

*** *** ***

39. MUBE ARI MWE MUBAGABURIRA



Kristo yari yajyanye n’abigishwa be ahantu hiherereye, ariko umutuzo wabo ntiwatinze guhungabanywa. Inteko y’abantu imaze kubona ko Umwigisha adahari niko kubazanya bati : ari hehe? Hari umuntu wari wabonye aho Yesu n’abigishwa be banyuze. Nuko abantu banyura ku nkombe bamushaka, naho abandi bikira

mu bwato kugira ngo bambuke ikiyaga. Kukubona Pasika yari yegereje, abagenzi baturutse hafi na kure, bagiye i Yerusalemu baraterana bifuzaga kubona Yesu. Mu mwanya muto abantu basaga ibihumbi bitanu udashyizemo abagore n’abana. Yesu atarava mu bwato, bari bamaze kuba inteko nini imurindiriye. Nyamara abasha kugera ku nkombe batamubonye, bityo amarana akanya n’abigishwa ahantu hiherereye.

Ari mu mpinga y’umusozi, yitegereza inteko y’abantu bakora hirya no hino. Umutima we ubagirira impuhwe. Nubwo bari baje kumubuza kuruhuka, ntabwo byamubabaje. Yabonye ko bamukeneye, igihe yitegerezaga uburyo abantu biyongeranya ubudatuza. “Bimutera impuhwe kuko bari bameze nk’intama zitagira umwungeri.” Ava mu bwihereho bwe, maze ashaka ahantu hakwiriye kugira ngo abone uko abitaho. Abatambyi n’abakuru ntacyo bari barigeze babamarira, nyamara icyo Kristo yatangiraga kubigisha, amazi akiza y’ubugingo amuvaho, yatumaga icyo nteko ibona inzira y’agakiza.

Abantu bumvaga amagambo y’ubuntu asohoka nta mbebya mu kanwa k’Umwana w’Imana. Ayo magambo meza yoroheje kandi yumvikana neza, yabereye imitima yabo nk’umuti womora w’i Galeyadi. Ikiganza cy’e gikiza cyazuraga abapfuye, abarwayi kikabagaruramo ubugingo; naho abashavuye kikabagaruramo umunezero. Uwo munsu ijuru ryari ryaje ku isi; kandi abumvaga Yesu ntibigeze bibaza igihe bamaze batarya.

Umunsi wari uciye ikibu, izuba ryenda kurenga, ariko abantu bari bagishaka kumva. Yesu yari yakoze umunsi wose ataruhuka, nta nubwo yari yigeze aya. Yari ananiwe kandi ashonje, abigishwa be baramwinginga ngo arekere aho; nyamara yumvaga atashobora gusiga abari bamukikije bamwumva.

Bitinze, abigishwa bamwumvisha ko akwiriye gusezerera iyo nteko y'abantu, kugira ngo ijye kwirwanaho. Benshi bari baturutse kure, kandi uhereye mu gitondo ntacyo bari bariye. Bari bakwiriye kujya kwishakira ibyo kurya mu midugudu n'ibirorero bihereranye n'aho. Yesu arababwira ati : « Mube ari mwe mubagaburira.¹ » Yubura amaso abaza Filipo ati : « Turagura hehe ibyo kurya ngo aba bantu babone ibyo barya? » Yavuze atyo kugira ngo asuzume ukwizera k'uwo mwigishwa. Filipo yitegereza iyo nyanja y'abantu, maze abona ko bidashoboka kubonera inteko ingana ityo ibyo kurya byayicira isari. Asubiza ko idenariyo magana abiri zidahagije kubonera buri wese agatsima naho kaba gato. Yesu ababaza niba nta byo kurya bafite. Andreyu aravuga ati : « Hano hari umuhungu ufite imitsima itanu n'ifi ebyiri; ariko ibyo byamarira iki abantu bangana batya ? » Yesu ategeka ko babimuzanira. Maze ategeka abigishwa kwicaza abantu bose; babagabanyamo amatsinda y'abantu mirongo itanu cyangwa ijana no kubashyira kuri gahunda kugira ngo bose bazabe abahamya b'icyo yari yiteguye gukora. Iryo tegeko rimaze kubahirizwa, Yesu afata ibyo byo kurya « arararama, areba mu ijuru, arabishimira. Amanyagura iyo mitsima, ayiha abigishwa be, abigishwa bayiha abantu. Bararya bose barahaga, bateranya ubuvungukira bw'imitsima busigaye, bwuzura intonga cumi n'ebiyiri. » Uwerekanyishaga inyigisho ze inzira yerekeza ku mahoro n'umunzero yari yitaye no ku bukene bw'umubiri kimwe n'uko yitaga ku bukene bwabo bw'iby'umwuka. Abantu bari bananiwe kandi barushye. Ababyeyi bari bakikiye impinja mu ntoke zabo, naho abana bato bagenda bakurura imyenda. Benshi bari bamaze umwanya munini bahagaze. Iyigisho bya Yesu byari byabatwaye cyane ku buryo batatekereje no kwicara; n'ubundi kandi abantu bari benshi batinya gukandagirana. Yesu abaha akanya ko kuruhuka, nuko abasaba kwicara mu byatsi byinshi byari aho hantu.

Nta gihe na kimwe Kristo yigeze akora ibitangaza bitari ngombwa, buri kimwe cyo mu bitangaza bye cyabaga aricyo kwerekeza amaso yabo ku giti cy'ubugingo, kuko ibibabi byacyo ari ibyo gukiza amahanga. Ibyo kurya

byakwirakwijwe n'abigishwa byarimo isomo ry'ubutunzi butangaje. Ibyo kurya byari byoroheje: ifi n'umutsima w'ingano byari ibyo kurya bisanzwe byo mu miryango y'abarobyi, bituye bugufi bw'inyanja y'i Galilaya. Iyo Kristo abishaka aba yarabagaburiye ibindi byo kurya biryoshye cyane, ariko ibyo kurya biteguriwe gusa gushimirwa uburyohe, nta cyiza byashoboraga kwigisha. Kristo yifuzaga kwereka umuntu ko yitandukanije n'ibyo kurya bisanzwe Imana yari yamugeneye. Nta na rimwe iminsi mikuru ihenze imwe yagenewe kudutera umunezero mubi, izigera iduhesha umunezero kurusha ikiruhuko n'ibyo kurya bitunganye byoroheje Kristo yahaye abantu bari kure y'ahatuwe.

Iyaba abantu bari bamenyereye ibyoroheje, iyaba bakundaga kwihuza n'amategeko agenga ibyaremwe nk'uko Adamu na Eva bariho mbere na mbere, ibyo kurya byo guhaza imiryango ntibyajyaga kuba bike ngo bitube. Ntabwo habaho ibyifuzo ndengakamere, ahubwo habaho igihe kinini cyo gukora ibyiza dukorera Imana. Ariko kubera igomwa no kudamarara, aribyo byazanye mu isi icyaha n'umubabaro, bamwe bafite ibisaze, abandi ntacyo bafite.

Yesu ntiyireherezagaho abantu, abakururishije gushonyagiza ibyo bakunda n'ibinezeza. Ibyo kurya byagaburiwe inteko y'abantu bananiwe kandi bashonje, hari ku mugoroba w'umunsi wiriwemo imirimo myinshi : ntabwo yabikoreye kugaragaza ubushobozi ahubwo yabikoreye kuba ikimenyetso cy'uko yita ku bukene busanzwe bwo muri ubu buzima. Yesu ntiyasezeranije abamukurikira bose ibintu by'umukiro w'iyi si, imibereho yabo ibasha kuba yoroheje kandi badakungahaye; ubukene bushobora kuba ari wo mugabane wabo; nyamara amasezerano ye abizeza ko batazagira icyo bakena, kandi ikiruta ibyo binezeza byo mu isi ni uguhumurizwa na we guhoraho.

Yesu mu guhaza abantu ibihumbi bitanu yakuyeho inyegamo itubuza kureba ibintu bisanzwe, maze itugaragariza imbaraga ihora ikora ngo tubashe kubaho neza. Iminsi yose Imana ikora ibitangaza izana umwero w'ubutaka. Ikoresheje uburyo busanzwe, ikora umurimo nk'uwo itubura imitsima ihagije imbaga y'abantu. Umuntu ahinga ubutaka akabuteramo imbuto, ariko ubugingo bw'Imana ni bwo bumeza izo mbuto. Imvura n'umwuka ndetse n'imirasire y'izuba byoherejwe n'Imana nibyo bituma « ubutaka bumera uburabyo, ubwa mbere habanza kubaho akatsi, maze hanyuma zikaba imigengararo.²» Imana niyo igaburira ibihumbi bitabarika by'abantu buri muni, ikoresheje umwero w'ubutaka.

Kubera ko, mu gihe abantu bita ku mbuto bagategura umutsima baba bahamagariwe gufatanya n’Imana, bagera aho ntibazirikane imbaraga y’Imana ibikora. Ntibaha Imana icyubahiro gikwiriye izina ryayo ryera. Ibikorwa n’ububasha bwayo byitirirwa uburyo busanzwe cyangwa ko ari uburyo bwakoreshejwe n’abantu. Umuntu agahimbazwa mu cyimbo cy’Imana, kandi impano Imana itangira ubuntu zigakoreshwa mu bugugu, maze ibyari umugisha bigahinduka umuvumo. Nicyo gituma Imana ishaka guhindura ibyo byose. Yifuza ko ubwenge bwacu bwagimbye bukanguka maze tugasobanukirwa n’ubuntu busaze, tukayihimbariza imbaraga zayo yerekanye. Yifuza ko tuyimenyera mu mpano zayo, kugira ngo nk’uko ubushake bwayo buri ibyo biduheshe umugisha. Uwo ni wo mugambi Kristo yari afite igihe yakoraga ibitangaza.

Hasigaye ibyo kurya byinshi ubwo abantu bari bamaze guhaga. Ariko ufite ubutunzi bwose n’ubushobozi bwose atanga iri tegeko ngo : « Nimuteranye ubuvungukira busigaye hatagira igipfa ubusa. » Ibyo ntabwo byari ukugira ngo barunde imitsima mu bitebo gusa, ahubwo harimo n’icyigisho cy’uburyo bubiri. Nta na kimwe gikwiriye gupfushwa ubusa. Nta nyungu n’imwe ikwiriye kwirengagizwa cyangwa se ngo habeho gukerensa ikintu cyose cyagirira umuntu akamaro. Birakwiriye kwegeranya ibyagirira umumaro abashonji bo mu isi. Na none kandi uko niko hakwiriye kwitabwaho iby’umwuka. Igihe intonga zari zimaze kuzura ubuvungukira bwari busigaye, abantu bari aho batekereza ku nshuti zabo zari zasigaye imuhira. Bifuje kubabikira ku mutsima wahawe umugisha na Kristo. Nuko ibyari byuzuye muri izo ntonga bihabwa abari babikeneye, nabo babijyana mu turere dukikije aho. Abari bagiye mu minsi mikuru bagombaga kujyanira abandi umutsima wavuye mu ijuru kugira ngo basubize ibyifuzo by’umutima. Bagombaga kubasubiriramo ibyo bigishirijwe ku bitangaza by’Imana. Nta kintu na kimwe cyagombaga kwibagirana. Nta jambo na rimwe ryerekeranye n’agakiza k’iteka ryagombaga kugwa hasi ridatanze umusaruro.

Igitangaza cyo gutubura imitsima kiratwigisha uburyo tubeshwaho n’Imana. Nubwo Kristo atari afite ibyo kurya bihagije iruhande rwe, yahagije abantu ibihumbi bitanu byari mu butayu, udashyizemo abana n’abagore. Ntabwo yari yararikiye iyo nteko kumukurikira, ahubwo iyo nteko yarizanye ubwayo; ariko yari azi ko baraba bashonje barushye nibamara umwanya bumva ibibwirizwa bye, kuko yababazwaga no kubona abo bantu bashonje. Bari bari kure y’ingo zabo kandi ijoro

na ryo ryari riguye. Harimo bamwe muri bo batari bafite uburyo bwo kwihahira ibyo kurya. Nyamara we kuko yari amaze iminsi mironko ine mu butayu atarya, atanywa kubwabo ntiyemeye kubohera bashonje. Mu mwanya ubushake bw’Imana bwari bwamushyizemo, Yesu yategerezaga ko Se wo mu ijuru amuha uburyo bwo gufasha abafite ubukene.

Mu gihe tugeze mu bihe bikomeye dukwiriye kwisunga Imana. Dukwiriye gukoresha ubwenge n’ubushishozi mu bibaho byose byo mu buzima, kugira ngo tutiroha mu kaga gatewe n’ibikorwa bihubukiwe. Nitugomba kwiroha mu ngorane twirengagiza uburyo Imana iduhaye kandi twangiza ubwenge twahawe na yo. Abakozi ba Kristo, bagomba gukurikiza amabwiriza ye ijambo ku ijambo. Uwo murimo ni uw’Imana; niba dushaka kugirira abandi akamaro dukwiriye gukora dukurikije gahunda zayo. Inariye ntikwiye kwitambika hagati, ntikwiriye guhabwa umwanya w’icyubahiro. Nitugira imigambi dukurikije ibitekerezo byacu ubwabyo Imana izemera ko dukora amakosa. Ariko nidukurikiza amabwiriza yayo naho twagera mu bihe bibi, izadutabara.

Ntitugacike intege ahubwo igihe cyose duhuye n’ingorane dukwiriye gutabaza Ufite ubutunzi budashira. Igihe kinini kwizera kwacu kuzajya kugeragezwa, dukwiriye kwisunga Imana. Imana izarinda umutima wose urushye wihatira gukurikira inzira y’Umukiza

Kristo avugiyemo mu kanwa k’umuhanuzi aduhugura agira ati : « Kandi ukarekura ibyo kurya byawe ukagaburira abashonji. » « Wabona uwambaye ubusa ukamwambika, wabona abakene bameneshejwe maze ukabashyira mu nzu yawe.³ » Itegeko twahawe ni iri ngo : “Muje mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bese ubutumwa bwiza.”⁴ Nyamara hari ubwo kwitegereza ubwinshi bw’ibikenewe no kubura amikoro ducika intege maze kwizera kwacu kukayoyoka. Nkuko byagendekereye Andreyo abonye imitsima itanu n’udufi tubiri, dutera hejuru maze tukavuga tuti : “Ariko ibi byamarira iki abantu bangana batya?” Akenshi turashidikanya tugatinya gutanga, ariko cyane cyane kwitangira abandi. Ariko Yesu aradutegeka ati : « Mube ari mwe mubagaburira ». Itegeko rye rihwanye n’isezerano, kandi riherekerejwe na ya mbaraga yahagije abari ku nkombe y’inyanja.

Igikorwa Kristo yakozwe agaburira inteko y’abashonji bangana batyo ni ipica y’isomo ryimbitse ry’iby’umwuka, ryagenewe abakozi be bese. Kristo yahaye abigishwa be icyo yahawe na Data; nuko abigishwa bakwirakwiza iyo mpano muri

iyi nteko y'abantu maze abo bantu bari baraho bahererekanya ibyo byo kurya. Uko niko abifatanya na Kristo bose bazahabwa na we umutsima w'ubugingo aribyo byo kurya byavuye mu ijuru maze nabo babikwize mu bandi.

Kubwo kwiringira Imana rwoye Yesu yafashe udutsima dukeya na two tutari duhagije n'abigishwa be, abaha itegeko ryo kugabanganya ibyo byo kurya mu bantu bari aho mu cyimbo cyo kubibaha ngo babyirire. Iryo gaburo rituburirwa mu ntoki ze, maze ibiganza by'abigishwa biramburiwe Kristo we Mutsima w'ubugingo, ntibyigera biburamo ibyo kurya. Maze bamaze guhaga, begeranya ubuvungukira busigaye, Kristo na we hamwe n'abigishwa be babasha kurya ibyo kurya by'igiciro byateguwe n'ijuru.

Abigishwa babaye umuyoboro uhuza Kristo na rubanda. Aho hari inkunga ikomeye cyane ku bigishwa ba Kristo muri iki gihe. Kristo ni ihuriho rikomeye, ni Isoko y'imbaraga zose. Ni we abigishwa be bavomamo ibyangombwa byose. Abanyabwenge cyane n'abarusha abandi gukomera mu by'umwuka, bashobora gutanga ku rugero ruhwaye n'uko bahabwa. Iby'ubugingo bukeneye ntibabasha kubyibonera ubwabo. Ntabwo twabasha kugira icyo dutanga niba ntacyo twahawe na Kristo; dukwiriye kugira icyo twakira igihe tugira icyo tugeza ku bandi. Uko turushaho gutanga niko turushaho guhabwa. Uko niko dushobora guhora twizera, twitanga, twakira kandi tugatanga.

Umurimo ufite intego zo gushimangira ubwami bwa Kristo uzakuza amajyambere, nubwo bisa nkaho ugenda buhoro n'ibisitaza bigasa nkaho ari intarengwa, kandi bisa n'ibishaka kuwukoma mu nkokora. Uyu murimo kuko ari uw'Imana, ni yo ubwayo izatanga uburyo buhagije; izohereza ubutabazi : ni ukuvuga abigishwa nyakuri b'abanyamurava bafite ibiganza birimo byose, ngo bahe abantu bose bishwe n'inzara kandi baguye umwuma. Imana ntiyibagirwa na rimwe abihatira gukorana urukundo ngo batange Ijambo ry'ubugingo ku mitima ibabaye; niba bamutegera ibiganza ngo bakire ibyo kurya, bazahaza abo bantu.

Mu gihe dukorera Imana, tuba turi mu kaga cyane igihe twiringira ko umuntu ashobora kugira icyo atumarira kubera impano ze n'ubuhanga bwe. Uko niko tuba tutakireba ku Mutware mukuru w'imirimo. Akenshi cyane umuntu

ukorera Kristo usanga asobanukiwe neza n’inshigano ye bwite. Aba afite akaga rero ko kwiambura umutwaro we akawurunda ku yandi matsinda, mu cyimbo cyo kwishingikiriza kuri Soko y’ubushobozi bwose. Niba ari umurimo w’Imana byaba ari ikosa rinini kwishingikiriza ku bwenge bwa kimuntu cyangwa se ubwinshi bwabo. Iterambere ry’umurimo ukorerwa Kristo, ntirizana n’ubwinshi bw’abantu cyangwa ubuhanga, ahubwo biterwa no kubonera kw’ibitekerezo no kwizera kutajegajega kandi gushikamye. Inshingano z’umuntu zikwiriye gukorwa, ibyo agomba gukora akabisohozwa, agakoresha imbaraga ze ngo afashe abataramenya Kristo. Aho guhunga inshingano ngo uyigereke ku wundi utekereza ko ari we ufite ubushobozi kukurusha, kora nk’uko imbaraga zawe zingana.

Mu bwenge bwanyu nihazamo iki kibazo ngo : “Turagura hehe ibyo kurya ngo aba bantu babone ibyo kurya?” Ntimugasubize nk’abatizera. Igihe abigishwa bari bumvishe amagambo ya Yesu ngo : “Mube ari mwe mubagaburira,” ingorane z’uburyo bwose zatangiye gusibana mu mitima yabo. Bibajije niba bajya mu birorero bibegereye kugura ibyo kurya. No muri iki gihe nabwo, ubwo isi ibuze umutsima w’ubugingo, abana b’Imana barabazanya bati: mbese tuzakura umuntu kure kugira ngo aze agaburire aba bantu? Ariko se Kristo yavuze ngo iki? “Nimwicaze abantu.” Maze abagaburirira aho. Mwizere mudashidikanya ko Kristo aba ahari igihe imitima iri mu kaga iba ibazengurutse. Nimufatanye na we. Nimumwegereze imitsima yanyu y’ingano.

Uburyo dufite bushobora kuba budahagije kubw’ibisabwa n’umurimo; nyamara uburyo busaze buzatugeraho, niba dushaka gusa gutera intambwe tugana imbere kubwo kwizera, twishingikirije ku mbaraga y’Imana ihagije muri byose. Niba umurimo ari uw’Imana niyo ubwayo izazana ibikenewe byose, kugira ngo usohozwe. Umuntu wiringira Imana n’umutima we wose kandi atuje, azahabwa ingororano. Uduke turakoreshwa mu murimo w’Umwami w’ijuru, mu buryo bwitondewe kandi bazigama, tuzongerwa mu gihe cyo kudutanga. Impamba ntoya y’ibyo kurya Kristo yari afite mu biganza bye ntiyigeze igabanyuka mu gihe inteko y’abantu bashonje itari yahaga. Nitugana ku isoko ifite ubushobozi bwose ibiganza byacu biramburiwe kwakira, tuzakomerezwa mu murimo wacu ndetse no mu bihe bikabije kuba bibi, kandi tuzashobora guha abandi umutsima w’ubugingo.

Umukiza yaravuze ati : “Mutange muzahabwa”. “Ubiba bike azasarura bike, kandi ubiba byinshi, azasarura byinshi.... Kandi rero Imana ishobora kubasakazaho

ubuntu bwose kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose mufite ibibahagije muri byose nk’uko byanditswe ngo : “Yaranyanyagije aha abakene, gukiranuka kwe guhoraho iteka ryose, niyo izabaha ibongerere imbuto zanyu zo kubiba, kandi igwize imbuto zo gukiranuka kwanyu, namwe muzatungishwa muri byose ngo mugire ubuntu bwose bitume Imana ihimbazwa.”⁵

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 14:13-21; Mariko 6:32-44; Luka 9:10-17; Yohana 6:1-13.
2. Mariko 4:28.
3. Yesaya 58:7-10.
4. Mariko 16:15.
5. Luka 6:38; 2 Abakorinto 9:6-11.

*** **

40. IJORO KU KIYAGA



Inteko nini y’abantu yari yicaye mu byatsi byo ku gasozi, hari mu kabwibwi ko ku rugaryi ubwo barimo bafungura ibiryo bahawe na Kristo. Bamenyeye ijwi ry’Imana mu magambo bari bumvise uwo munsu. Imbaraga y’Imana yonyine ni yo yashoboraga gukora igikorwa cyo gukiza abarwayi nk’uko abantu bari bayiboneye. Nyamara igitangaza cyo gutubura imigati cyatangaje buri wese. Buri wese yabonye umugabane we. Mu gihe cya Mose, Imana yagaburiye abisirayeli Manu ubwo bari mu butayu, ni nde wari umaze kubahaza ibyo kurya, utari Mesiya uwo Mose yahanuye? Nta mbaraga n’imwe ya kimuntu yari gushobora gukura ibyo kurya mu mitsima itanu y’ingano n’udufi dutoya tubiri byahaza abantu ibihumbi byinshi bashonje. Abantu baravuganye bati : «Ni ukuri uyu ni we muhanuzi ugomba kuza ku isi ».

Amanywa yose, iki gitekerezo cyakomeje kwiyongera kandi iki gikorwa cyagishoje kibemeza ko Umutabazi bategereje igihe kirekire yari muri bo. Ibyiringiro by’ubwo bwoko birushaho kugenda byiyongera cyane. Uwo muntu yajyaga guhindura Ubuyuda Paradiso ya hano ku isi igihugu gitemba amata n’ubuki. Ashobora gusubiza ibyifuzo byose. Afite ubushobozi bwo kumenagura ubutware bw’abaroma twanga, maze akabohora ubuyuda n’i Yerusalemu hose. Yashoboraga kuvura abasirikare bakomerekeye ku rugamba, agahaza ingabo zose, kandi agatsinda amahanga maze Isiraeli ikabona isumbwe yifuje uhereye kera kose.

Abantu bakiri muri uwo munezero wabo bitegura kumwimika ngo ababere Umwami ako kanya. Nyamara bitegereje neza babona we adashaka kwikururiraho abantu, nta n’icyubahiro ashaka guhabwa. Kuri ibyo atandukanye cyane n’abatambyi n’abakuru, maze abantu batinye cyane ko yaba adashaka gufata ingoma ya sekuruza Dawidi. Bamaze kujya inama biyemeza kumufata ku ngufu ngo bamugire Umwami w’abisiraeli. Abigishwa be na bo bumvikana na rubanda ko

Umwigisha wabo ari we muragwa w'ingoma ya Isiraeli. Baravuga bati : Ubwitonzi bwa Kristo nibwo bumubuza kwakira ibyo byubahiro. Rubanda ubwarwo niruhaguruke rwishyirireho umutabazi warwo. Abatambyi n'abakuru b'abirasi bazumva bahatwa kubaha uje yambaye ubutware bw'Imana.

N'umwete mwinshi bategura gusohozza umugambi wabo, ariko Yesu yarebaga ibyo barimo asobanukirwa ibyo bo batumva: ingaruka z'iyi nkubiri. Muri ako kanya abatambyi n'abakuru bariho bashaka kumwica. Bamuregaga ko yoshya rubanda. Igikorwa cyo kugerageza kumushyira ku ngoma cyari gukurikirwa n'urugomo n'imvururu, ibyo nta zindi ngaruka byagira uretse gukoma mu nkokora umurimo w'ubwami bw'iby'umwuka. icyangombwa ni uguhagarika iyi nkubiri. Yesu amaze guhamagara abigishwa be, abategeka kwikira mu bwato ako kanya bakerekeza i Kaperinaumu, naho we agasigara asezerera abo bantu.

Nta bundi byari byarigeze bibaho ko abigishwa batinda kubahiriza itegeko rya Kristo. Abigishwa bari bategereje igihe kirekire icyo gikorwa cya rubanda, kandi ntibashoboraga kwiyumvisha ko uwo munezero wose wahindurwa ubusa mu gihe inteko y'abo bantu bari bategereje Pasika bifuzaga cyane kureba umuhanuzi mushya yatangaga amahirwe rukumbi yo kwimika Umwigisha wabo bakunda cyane ngo ajye ku ngoma y'ubwami bw'abisiraeli. Kubera umwete w'icyo cyifuzo cyabo byari bibakomereye kuva aho, bagasiga Yesu wenyine kuri uwo mwaro w'ikidaturwa. Batangira kwijujuta, ariko Yesu abategeka n'ijwi ridasanzwe. Babonye ko ntacyo bari bugereho, bagenda bamanjiriwe berekeza ku nyanja.¹

Nuko Yesu ategeka abantu ngo buri wese ajye iwe; babonaga yamaramaje ku buryo nta n'umwe wabasha kumwangira. Amagambo yo gushima no guhimbaza akama ku minwa yabo, bese bahita bahagarara mu gihe bari bagiye kumufata ngo abe Umwami, maze umunezero wari mu maso yabo urayoyoka.

Muri icyo nteko y'abantu harimo abantu bafite ubushake butangaje, b'intwari ariko babonye uburyo Yesu afite icyubahiro cya cyami, n'uburyo atangana amategeko ye umutuzo, baturisha inkubiri y'abantu maze bagwabiza umugambi wabo. Bamubonagamo ubutware bukomereye buruta ubw'isi, bamwumvira nta kuzuyaza.

Yesu asigaye wenyine “Niko kuzamuka umusozi, ajya ahiherereye gusenga”. Muri ayo masaha yari imbere ya Se asaba. Ntabwo yisabiraga ubwe, yasabiraga abo bantu. Yasabye Imana ngo ibahishurire kamere y’ubumana y’umurimo we, kugira ngo satani atababuze gusobanukirwa akagoreka imyumvire yabo. Umukiza yari azi ko igihe cy’umurimo we kigeze ku iherezo kandi ko abazamwemera nk’Umukiza wabo ari bake cyane. Nuko n’umutima ubabaye, asabira abigishwa be bari bagiye guhura n’ibigeragezo bikomeye. Ibyiringiro bari bamaranye igihe kandi bishingiye ku byo rubanda rwibwira by’amafuti byari bigiye kuba imfabusa mu buryo bubabaje kandi bukojeje isoni. Aho kumubona yimye ingoma ya Dawidi, bari bagiye kumubona abambye ku musaraba. Uko niko kwimikwa kwari kumurindiriye. Badashoboye kubyumva, bari bagiye kunyura mu bigeragezo bikomeye batari gusobanukirwa uko bimeze. Kwizera kwabo kwari kugiye gucogora, keretse Umwuka wera amurikiye ubwenge bwabo maze akabaha ubusobanuro buhagije kuri ibyo bintu. Yesu ababazwa no kubona uburyo batekereza ubwami bwe, bagarukira gusa ku ikuzo n’ibyubahiro byo mu isi. Umutwaro munini wamushenguraga umutima ni cyo cyamuteye agahinda kavanze n’amarira ubwo yari ari mu gusenga yinginga Se.

Abigishwa ntabwo bahise bava ku nkombe nk’uko Yesu yari yabibategetse. Bategereza igihe gito bibwira ko ari bubasange. Babonye umwijima ubuditse : “bikira mu bwato maze berekeza i Kaperinaumu hakurya y’inyanja.” Bagize agahinda n’uburakari kurusha ikindi gihe cyose, kuva bakwemera Yesu nk’Umwami wabo, barijijuta kuko yari yanze kubemerera ko bamugira Umwami. Bashakaga kudahita bumvira itegeko rye kuko batekerezaga ko nibakomeza guhatiriza bari bugere ku mugambi wabo.

Kutizera kwinjira mu bwenge bwabo kuko imitima yabo yari yahumishijwe n’irari ryabo. Bari bazi urwango abafarisayo banga Yesu, maze bakifuzaga kumubona yubashywe nk’uko bimukwiriye. Kuba bari bafatanije n’Umutware ushobora gukora imirimo ikomeye maze bagasuzugurwa nk’abashukanyi, byari ibintu badashobora kwihanganira. Mbese bazahora iteka bitwa abayoboke b’umuhanuzi w’ibinyoma ? Mbese koko Kristo ntazigera ahamya ko afite ubutware bwa cyami ? Kuki atabwohereza inzira ngo yigaragaze uko ari kandi afite ubushobozi bungana kuriya ? Kuki atakijije Yohana umubatiza urupfu rubi ? Kubera gutekereza gutyo, abigishwa bari bageze mu icuraburindi mu

by'umwuka. Bagera naho bibaza niba koko Kristo atari umubeshyi nk'uko Abafarisayo babyibwiraga.

Uwo munsu abigishwa bari biboneye imirimo itangaza ya Yesu. Byasaga naho ijuru ryari ryamanutse ku isi. Kwibuka uwo munsu w'agahozo byari bikwiriye kubuzuzamo kwizera n'ibyiringiro, iyo baza kubiganiraho ntibari kugwa mu bishuko, ariko kuko baguye mu kayubi, ntibitaye kuri aya magambo ya Kristo ngo: "nimutoragure ubuvungukira busigaye, hatagira igipfa ubusa". Bamaze kwibagirwa ayo masaha yera yari amaze gushira, bumva bameze nk'abari mu nyanja yihinduriye. Umukiza yemeye ko basakirana n'ikigeragezo kigahindura ibyo bibwira. Akenshi niko Imana igenzereza abantu igihe bashaka kwihandisha imibabaro n'imitwari iremereye. Ntabwo cyari igihe cyo kwikururira ingorane kuko ingorane nyakuri yari iri kuboga runono. Bihabanye cyane n'umunsu w'agahano bari biriwemo, umuyaga ushega wari ubatunguye maze urabegera. Igihe umuraba washegaga, byateye ubwoba, nuko bose bibagirwa kwijujuta kwabo no kutizera kwabo, no kutihangana kwabo maze bakorana umwete ngo ubwato butazika. Kuva i Betsaida kugera aho bizeraga ko bari busange Yesu, unyuze mu mazi rwari urugendo ruto mu gihe gisanze rwatwaraga amasaha make; ariko uwo munsu kubera umuyaga mwinshi wabakozaga hirya no hino, baraye bagashya bageza mu museke. Ku iherezo bamaze kunanirwa bibwira ko barimbutse. Inyanja yazikukaga muri uwo mwijima, ibagaragariza intege nke zabo; bituma bifuzaga kuba bari kumwe n'Umutware wabo.

Ntabwo Yesu yari yabibagiye. Uwabahozagaho amaso ari ku nkombe yitegerezeza abo bagabo bagize ubwoba, igihe barwanaga n'umuraba. Nta kanya na gato ijisho rye ryabavuyeho. N'impuhwe nyinshi amaso ye yakurikiraga ubwato, buteraganwa n'umuyaga mwinshi kuko bwari butwaye ibikoreshe by'igiciro cyinshi kuko abo bantu bari baragenewe kuba umucyo w'isi. Nk'uko umubyeyi yita ku mwana we n'impuhwe nyinshi niko Umwami wuje impuhwe yabaga maso arinda abigishwa be. Nuko imitima yabo imaze gutsindwa no kwirarira kwabo kubi kumaze kubashiramo, baherako baratabarwa.

Igihe bibwiraga ko barimbutse, imirasire y'umucyo ituma babona ishusho batazi iza ibagana igenda hejuru y'amazi. Ntabwo bari bazi ko ari Yesu maze bafata

nk'umwanzi uwari uje kubatabara. Ubwoba burabasaba. Ibiganza byabo byakomejwe no gufata ingashya, bahinda umushyitsi maze barazirekura. Ubwato buba igikinisho mu muraba, amaso yose bayahanga kuri uwo muntu wagendagenda hejuru y'inyanja yihinduriye.

Bibwiye ko ari umuzimu, ikimenyetso cy'uko barimbutse nicyo cyabateye gutakana ubwoba. Yesu yihuta nk'ushaka kubacaho; hanyuma baramumenya, maze baramutabaza. Ijwi ry'Umwigisha wabo bakunda ribamara ubwoba kuko yababwiye ati : “Nimuhumure ni nyewe mwitinye!”

Icyo gitangaza, bacyizera kibaruhije. Petero yuzurwamo n'ibyishimo, nubwo yari agishidikanya aramwinginga ati : “Mwami niba ari wowe untegeke nze aho uri ngendesha amaguru hejuru y'amazi.” Yesu aramubwira ati : “Ngwino”.

Petero atambukana ibyiringiro amaso ye ayahanze kuri Yesu ; ariko igihe umutima w'ubwirasi wari umuteye guhindukira akareba bagenzi be basigaye mu bwato, ntiyaba akireba Umukiza. Umuyaga warashegaga cyane. Imiraba miremire ijya hagati ye n'Umwigisha; nuko Petero agira ubwoba. Mu kanya gato atakibona Yesu, kwizera kwe kwarashize; atangira kurohama. Nuko mu gihe imiraba isa n'igiye kumurengaho, Petero yubura amaso hejuru y'inyanja yihinduriye ayahanga kuri Yesu, maze aramutabaza ati : « Databuja nkiza » Nuko Yesu, arambura ukuboko kwe, maze aramubwira ati : « Yewe ufite kwizera guke we, ni iki gitumye ushidikanya ? »

Petero agenda iruhande rw'Umwigisha akaboko ku kandi maze binjira mu bwato. Icyo gihe Petero yari atuje amwaye nta mpamvu afite yo kwishyira hejuru ya bagenzi be. Ugushidikanya n'ubwirasi bwe byari bitumye apfa. Amaze gukura amaso ye kuri Yesu, intambwe ze ntizakomeje guhama; nuko abona ari bugufi kurengerwa n'imiraba.

Akenshi iyo ibyago bije tumera nka Petero. Mu cyimbo cyo guhanga amaso ku Mukiza, twitegereza umuraba; ibirenge byacu bikanyerera maze amazi yihinduriye akaturenga hejuru. Ntabwo Yesu yararikiye Petero kumukurikira ashaka ko apfa; natwe ubwacu rero, ntatugira abigishwa be kugira ngo atwihakane.

Yesu aravuga ati : “Witinya kuko nagucunguye, naguhamagaye mu izina ryanjye uri uwanjye. Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe; nuca no mu migezi ntizagutembana; nunyura no mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawo ntibizagufata. Kuko ndi Uwiteka Imana yawe, Uwera wa Isirayeli, Umukiza wawe.”²⁹

Yesu yari azi imico y’abigishwa be. Yari azi ibigeragezo kwizera kwabo kwari kugiye guhura na byo. Umugambi w’ibyabereye ku nyanja, wari ugamije kwereka Petero intege nke ze, no kumwumvisha ko agakiza ke kabonerwa gusa, mu kumvira no guhanga amaso imbaraga y’Imana. Yari gushobora gutambuka mu muraba w’ibigeragezo afite umudendeze igihe atari kuba yiyiringira, akisunga Umukiza. Mu gihe Petero yibwiraga ko akomeye, nibwo yari umunyantege nke; igihe cyose umutimanama utiyumvishaga intege nke ze, ntiyari gushobora gusobanukirwa n’uburyo akeneye kugengwa na Kristo. Iyo aza gusobanukirwa n’isomo Yesu yihatiye kumuha akoresheje ibyamubayeho ku nyanja, ntiyajyaga gutsindwa mu kigeragezo gikomeye cyari kigiye kuza.

Uko bukeye n’uko bwije Imana yigisha abana ba yo. Ibibaho buri muni, ni byo ikoresha ibategura ngo bakore umurimo yabahaye gukora mu cyanya cya yo kigari. Ingaruka y’ibyo bigeragezo bihoraho ni yo yerekana gutsinda cyangwa gutsindwa mu bihe biruhije byo mu buzima.

Abadafite umutima ubumvisha ko bakeneye Imana, bazatsindwa n’ibigeragezo. Birashoboka ko twakumva intambwe zacu zihamye ndetse ko ntagishobora kutunyeganyeza. Dushobora kuvugana ibyiringiro tuti: Nzi uwo nemeye, nta gishobora kunyeganyeza kwizera mfite mu Mana no mu Ijambo ryayo. Nyamara satani ahera muri kamere zacu twavukanye cyangwa se twanduye, maze akaduhumisha ngo tutabona ubukene bwacu n’ibidatunganye byo mu mibereho yacu. Umuntu ntashobora kugenda mu mudendeze igihe umutima we utamwumvisha intege nke ze; maze ngo ahore ahanze amaso ye kuri Yesu.

Yesu akimara kwicara mu bwato, umuyaga waratuje maze “ubwato bugera aho bari bagiyeyo.” Umuseke urabagirana wasimbuye iryo joro ry’umubabaro.

Yesu Kristo

Abigishwa n’abandi bantu bari babaherekeje, bikubita hasi ku birenge bya Yesu, baramupfukamira; maze baravuga bati : “Ni ukuri, uri Umwana w’Imana.”.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 14:22-33; Mariko 6:45-52; Yohana 6:14-21.

2. Yesaya 43:1-3.

***** ****

41. INGORANE Z'I GALILAYA



Igihe Kristo yabuzaga abantu kumwimika ngo abe Umwami, yari azi yuko iby'ubuzima bwe bigiye guhinduka. Inteko z'abantu bifuzaga kumwimika uwo munsu bari bumwihakane bukeye bwaho. Bababajwe nuko atitaye ku byifuzo byabo by'ubwibone, urukundo bari bamufitiye barusimbuza urwango maze uburyo bamuhimbazaga babisimbuza imivumo. Nubwo ibyo byose yari abizi ntacyo yakoze ngo akome mu nkokora izo ngorane.¹ Ndetse no mu itangira ry'umurimo we, ntabwo yari yigeze asezeranira abigishwa be inyungu z'iby'isi. Umuntu wari umubwiye ko yifuza kuba umwigishwa we, yaramubwiye ati : «ingunzu zifite imyobo, n'ibiguruka mu kirere bifite ibyari, ariko Umwana w'umuntu ntafite aho

kurambika umusaya.²» Iyo babasha kwigarurira abantu na Kristo icyarimwe, abantu benshi baba baramurahiriye kubana na we akaramata: umurimo umeze utyo ntiwari wemewe. Bamwe mu bari bamukurikiye icyo gihe bari bakuruwe n'ibyiringiro by'ubwami bw'isi. Byabaye ngombwa kubeshyuzwa ibyo bishukagamo. Icyigisho cy'iby'umwuka cyimbitse cyagaragariye mu gutubura imitsima, ntabwo cyari cyumvikanye neza. Byari bikwiriye ko habaho ubusobanuro. Ubuhishuzi bushyashya bwari bugiye guteza ikindi kigeragezo gishya.

Igitangaza cyo gutubura imitsima, cyavuzwe hafi na kure maze gikwira hose, bituma bukeye bwaho kare kare, abantu bateranira i Betsaida kugira ngo barebe Yesu. Baje ari benshi, bamwe bagenda n'amaguru abandi mu bwato. Abari bamusize aho nimugoroba bahaguruka bibwira ko bahamusanga kuko nta bwato bari

bahasize bwagombaga kumwambutsa inyanja. Barambiwe gutegereza, abenshi bagaruka i Kaperinaumu bamushakashaka.

Hagati aho Yesu yari yageze i Genezareti, nyuma yuko amara umunsi umwe adahari. Bamaze kumenya ko yambutse, abantu “birukanka impande zose muri icyo gihugu batangira guheka abarwayi mu ngobyi babazererana aho bamwumvise hose.”³

Hashize umwanya muto Yesu yinjira mu isinagogi, aho niho abantu bavuye i Betsaida bamusanze. Abigishwa babasobanurira uburyo yari yambutse inyanja. Inkubi y’umuyaga ushega, amasaha maremare bamaze bagashya bibananira, no kuboneka kwa Kristo gutunguranye yigendera hejuru y’amazi, ubwoba bagize, amagambo yo kubahumuriza Yesu yababwiye, kwihara kwa Petero n’ibyakurikiyeho, inkubi y’umuyaga ituzza, n’uko ubwato bwahise bugera imusozo bidatinze: ibyo byose byabwiwe iteraniro ry’abantu bari baraho bumiwe. Nyamara ibyo ntibyabujije bamwe kumubaza bati “Mwigisha wageze hano ryari?” Bifuzaga kumva ababwiza akanwa ke inkuru z’ibyo bitangaza.

Yesu ntiyashaka kunezeza amatsiko yabo. Ababwirana agahinda ati: “Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko ibimenyetso mwabonye atari byo bituma munshaka, ahubwo ni ya mitsima mwariye mugahaga.” Kumushaka kwabo byari birangamiye inyungu. Bamaze guhaga imitsima, bizeraga ko nibifatanya na we bizabatera kugira inyungu nyinshi z’iby’isi. Umukiza yarabahuguye ati “Ntimukorere ibyo kurya bishira, ahubwo mukorere ibyo kurya bigumaho kugeza ku bugingo buhoraho.” Ntimushake gusa inyungu z’iby’isi. Ntimushishikazwe mbere na mbere no kubonera abantu ibyo bakeneye muri ubu buzima bwa none; ahubwo mushake ibyo kurya by’umwuka; ubwo bwenge butazashira. Umwana w’Imana wenyine ni we ushobora kububaha; kuko “Se, ari we Mana yamushyizeho ikimenyetso cyayo.”

Noneho abamwumvaga baba barakangutse. Baramubaza bati : “Tugire dute ngo dukore imirimo y’Imana?” Bari barakoze imirimo ivunanye y’uburyo bwose kugira ngo bemerwe n’Imana; noneho bari biteguye kwakira amabwiriza mashya abizeza ko bemewe rwose. Ikibazo cyabo cyasaga n’ikibajijwe kiti: Twakora iki ngo dushimwe n’ijuru ? Ni kiguzi ki twashobora gutanga ngo duhabwe ubugingo bw’ahazaza ?

Yesu arabasubiza ati : “Umurimo w’Imana nguyu, ni uko mwizera uwo yatumye.” Yesu ni we kiguzi cy’ijuru. Inzira ijya mu ijuru inyura mu “Mwana w’intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi.”⁴⁹

Abo bantu bahitamo kwanga ubwo busobanuro bw’uko kuri kw’ijuru. Yesu yari yashohoje rwose igikorwa ubuhanuzi bwari bwarageneye Mesiya mbere na mbere; ariko ntibari bigeze babona icyo ibyiringiro byabo byikunda byari bigitegereje kuri Mesiya. Ni ukuri koko, Kristo yagaburiye inteko y’abantu imitsima y’ingano inshuro imwe, ariko mu gihe cya Mose bari bariye Manu bamara imyaka mirongo ine kandi bari bagitegereje ibyiza biruseho bizava kuri Mesiya. Abo barakaye, barabazanyaga bati : “Niba Yesu afite ubushobozi bwo gukora ibitangaza nk’iby’ibyo twiboneye, kuki atatanga ubuzima, imbaraga gukungahara kuri rubanda rwose, agatanga ukwishyira ukizana mu bya politiki, akaduha ububasha ndetse n’ibyubahiro?” Ntibashoboraga gusobanukirwa impamvu uwiye ko yoherejwe n’Imana yanga kuba Umwami w’abisiraeli. Kuri bo byari urujijo batabasha kwisobanurira. Kutemera kwe kwahawe ubusobanuro bubi. Bamwe bahitaga bavuga ko adatinze gufata ubwami bwe bibwira, kuko yari afite gushidikanya ku mico y’ubumana bw’umurimo we. Imitima yabo yugururira ityo kutizera, maze imbuto yabibwe na satani, yera imbuto zo kumva nabi no guhaba.

Nuko umwigishamategako atanga ikibazo nta kindi agambiriye ati: “Urakora kimenyetso ki ngo tukirebe tukwizere? Icyo wakora ni iki? Ba sogokuruza bacu bariraga Manu mu butayu, nk’uko byanditswe ngo : Yabahaye umutsima uvuye mu ijuru.»

Biyibagije ko Mose yari igikoresho, maze ntibamenya nyiri ugukora icyo gitangaza, abayuda bahaga Mose icyubahiro cy’uko ari we watanze Manu. Ba sekuruza bari barivovoteye Mose ndetse bahakana ko yaba yaratumwe n’Imana. None abana babo bafite umwuka nk’uwari uri muri ba sekuruza, nabo banga Intumwa y’Imana yari ibohererejwe. Yesu arababwirako ati : « Ni ukuri ni ukuri ndababwirako ko Mose atari we wabahaye umutsima uvuye mu ijuru. » Uwatanze Manu yari ahagaze hagati muri bo. Kristo ubwe ni we wajyaga imbere y’Abaheburayo mu butayu kandi ni we wabagaburiye imitsima ivuye mu ijuru.

Manu yari ikimenyetso cy'umutsima nyakuri wavuye mu ijuru. Umwuka utanga ubugingo, urimo kuzura kose k'ubumana; ngiyo Manu nyakuri. Yesu arababwira ati « Kuko umutsima w'Imana ari umanuka uva mu ijuru, ugaha abari mu isi ubugingo. »

Kuko bari bariye imitsima isanzwe byatumye bamwe mu bamwumvaga bamubwira bati : « Databuja ujye uduha uwo mutsima iteka. » Yesu arabahamiriza ati : « Ninjye mutsima w'ubugingo. »

Ipica Kristo yakoresheje yari izwi cyane n'Abayuda. Mose ayobowe n'Umwuka Wera, yaravuze ati : « Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana. » Yeremiya na we yandika agira ati : « Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya; maze ambera umunezero n'ibyishimo byo mu mutima wanjye.⁵ » Abigishamategeko nabo bari bafite akamenyero ko kuvuga ko kwiga amategeko, no kugira imirimo myiza mu buryo bw'umwuka, byasobanurwaga no kumanyagura umugati. Isomo ryimbitse mu by'umwuka ryavuye mu gitangaza cy'imitsima ryasobanurwaga cyane n'ibygisho by'abahanuzi. Iryo somo ni ryo Kristo yihatiye kwigisha abari mu isinagogi bamuteze amatwi. Iyo baza kumenya ibyanditswe baba barasobanukiwe n'iyi mvugo ye ngo: « Ninjye mutsima w'ubugingo. » Umunsi wabanjirije uwo, inteko nini y'abantu bananiwe kandi barushye yari yagaburiwe imitsima yabahaye. Nk'uko bari bagaruwemo imbaraga nshya kubw'uwo mutsima bariye, niko bari gushobora guhabwa na Kristo imbaraga y'iby'umwuka izabageza ku bugingo bw'iteka. Yesu yarababwiye ati : « Uza aho ndi ntazasonza na hato, n'unyizera ntabwo azagira inyota na hato. » Na none yongeraho ati : “mwambonye, nyamara ntimwizera.”

Babonye Kristo kubw'ubuhamya bw'Umwuka Wera kandi byinjizwa mu mitima yabo n'ihishurwa ry'Imana. Ibimenyetso by'ububasha bwe byabagezwagaho buri muni nyamara dore bari bagisaba ikindi kimenyetso! Iyo bagira ikimenyetso bahabwa bari kugumya kwintangira nka mbere. Niba ibyo bari bamaze kumva no kubona bitari byashoboye kubemeza, n'ikindi gitangaza ntacyo cyajyaga kubamarira. Igihe cyose kutizera kuzarengera ugushidikanya kandi gukureho ibimenyetso bifatika.

Nuko Kristo yohereza iyo mitima inangiwe irarika rikomeye, Aravuga ati : « Uza aho ndi sinzamwirukana na hato. » Yari ababwiye ko uzamwakira wese azabona ubugingo bw'iteka. Ko nta n'umwe, uzazimira. Ko hadakwiriye kubaho impaka hagati y'abafarisayo n'abasadukayo ku byerekeye iby'ubugingo bw'ahazaza. Abantu ntibakwiriye kubura ibyiringiro kubw'ababo bapfuye. Yarababwiye ati : « Kuko icyo Data ashaka ari iki : Ni ukugira ngo umuntu wese witegereza Umwana akamwizera ahabwe ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku muni w'imperuka. »

Abakuru bakomerekejwe baravuga bati : «Uyu si we Yesu mwene Yosefu w'umubaji? Ntituzi se na nyina. Ni iki gituma avuga ko yavuye mu ijuru. » Bagerageza kubyutsa ibyo bamwibwiragaho bibutsanya mu gasuzuguro inkomoko ye icye bugufi. Bagaragazanya guhinyura ubuzima bwe ko yari umukozi w'i Galilaya w'umukene ndetse n'imibereho icye bugufi y'umuryango we. Bibwiraga ko imyirato y'umubaji utarigishijwe, idakwiriye kwitabwaho. Kubera imivukire ye y'uburyo budasanze babwiraga abantu ko ari umuntu w'igisekuru gishidikanywaho, bityo bigatuma batamwizera nk'umwana wavutse mu buryo bwemewe.

Yesu ntiyashatse gusobanura ubwiru bw'ivuka rye. Ntiyigeze agira igisubizo na kimwe atanga ku bibazo byerekeranye no kuba yaravuye mu ijuru, kimwe nuko atagize ikibazo na kimwe asubiza ku byo yabajijwe byerekeye uko yambutse inyanja. Ntabwo yigeze yita cyane ku bitangaza byaranze imibereho ye. Yiyambuye ubumana maze yiyambika ishusho y'umugaragu w'imbata ku bushake bwe. Nyamara amagambo n'imirimo ye byerekanaga kamere ye. Umutima wose wemera kumurikirwa n'umucyo w'ijuru, ntiwashidikanya kumubonamo « Umwana w'ikineze wa Se, wuzuye ubuntu n'ukuri.⁶ »

Ibibazo byabajijwe n'abafarisayo ntibyamazeho ibyo bamutekerezagaho kuko byari byarashinze imizi mu mitima yabo y'ubugome. Ijambo ryose rya Yesu na buri gikorwa cye cyose byatumaga bahagurukira kumurwanya : ni ukuvuga ko nta sano yari hagati ye n'ibitekerezo bashyize mu bantu.

« Ntawe ubasha kuza aho ndi, keretse arehejwe na Data wantumye nanjye nkazamuzura ku munsu w'imperuka. Byanditswe mu byahanuwe ngo : bose bazigishwa n'Imana, umuntu wese wumvise ibya Data akabyiga aza aho ndi. » Nta muntu n'umwe uzashobora kuza kuri Kristo atemeye kureshywa n'urukundo rwa Data wa twese. Imana ishaka kwireherezaho imitima yose. Abadashaka uwo muhamagarar bonyine ni bo banga kuza kuri Yesu Kristo.

Igihe Yesu yavugaga ati « Bazigishwa n'Imana. » Yesu yari arengereje ku buhanuzi bwa Yesaya ngo : « Abana bawe bose bazigishwa n'Uwiteka kandi bazagira amahoro yo mu mutima.⁷ » Abayuda bavugaga ko uyu murongo ari bo uvuga, kuko bahamyaga ko Imana ari yo mwigisha wa bo. Yesu agaragaza ko kwirata kwabo kutagira umumaro, niko kubabwira ati : « Umuntu wese wumvise ibya Data akabyiga aza aho ndi. » Kristo ni we wari kubashobora kumenya Data wa twese. Ab'isi ntibashoboraga kwihanganira kureba ubwiza bw'icyubahiro cye. Abantu bigishijwe n'Imana bumvise ijwi ry'Umwana wayo kandi nta kindi bashoboraga gukora kitari ukumenyera Data wa twese muri Yesu w'i Nazareti, kuko ari we wamenyekanishije Data wa twese yifashishije ibyaremwe, ndetse n'ibyahishuwe.

«Ni ukuri ni ukuri ndababwira ko unyizera ari we ufite ubugingo buhoraho.» Binyujijwe kuri Yohana ukundwa, wumvise aya magambo avugwa n'Umwuka wera abwira amatorero ngo : « kandi uko guhamya ni uku, ni uko Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo bugingo bubonerwa mu Mwana wayo. Ufite uwo Mwana ni we ufite ubugingo buhoraho.⁸ » Maze Yesu aravugaga ati : « Nanjye nzamuzura ku munsu w'imperuka. » Yesu yahindutse umuntu nka twe, yambara umubiri nka twe, kugira ngo natwe tuzahinduranwe mu mwuka nka we. Kugirana ubumwe na we nibyo bizatuma dusohoka mu mva, atari ukugira ngo bihamye imbaraga za Kristo gusa, ahubwo ngo kubwo kwizera, ubugingo bwe buzahinduke ubwacu. Abantu bamenya Kristo uko ari, kandi bakamwakira mu mitima yabo, bafite ubugingo buhoraho. Kristo atura muri twe mu buryo bw'Umwuka wera. Umwuka w'Imana wakirwa mu mutima kubwo kwizera, ni yo ntangiriro y'ubugingo buhoraho.

Abantu bari bibukije Kristo manu ba sekuruza babo bariraga mu butayu, bisa nk'aho bashakaga kumwumvisha ko gutanga ibyo byo kurya byari igitangaza kiruta ibyo Kristo yari yakoze, ni cyo cyatumye abereka ukuntu iyo mpano yo mu

butayu ari akantu gato gusa ugereraniye n' imigisha yaje abazaniye. Manu yari iyo kubatunga mu mibereho ya hano ku isi gusa, ntiyashoboraga kubabuza gupfa cyangwa ngo ibahe ukudapfa; mu gihe umutsima wavuye mu ijuru wo ushobora gutunga ubugingo kugeza iteka ryose. Umukiza yaravuze ati : « Ninjye mutsima w'ubugingo, ba sogokuruza banyu bariraga manu mu butayu, nyamara barapfuye. Uyu ni wo mutsima umanuka uva mu ijuru kugira ngo uwuriye ye gupfa. Nijye mutsima muzima wavuye mu ijuru. Umuntu narya uwo mutsima azabaho iteka ryose.” Kuri iyi pica Yesu yari agiye kongeraho indi. Urupfu rwe rwari ngombwa kugira ngo ahe abantu ubugingo; mu magambo akurikira, yerekanye ko urupfu rwe ari rwo ruzana agakiza. «Umutsima nzatanga kubw'abari mu isi kugira ngo babone ubugingo ni umubiri wanjye. »

Abayuda bari biteguye guhimbaza Pasika muri Yerusalemu kugira ngo bibuke ijoro abisiraeli bacunguriwemo ubwo maraika murimbuzi yinjiraga mu mazu y'abanyegiputa. Imana yashakaga ko mu Mwana w'intama ya Pasika abayuda babonamo Umwana w'intama w'Imana, maze bakakira uwatanze ubugingo bwe kubw'abatuye isi. Ariko abayuda bageze aho bibwira ko iyo ntama yari ikimenyetso ari yo ubwayo yasohoje umugambi, bituma bayoberwa ubusobanuro nyakuri bwa yo. Ntibashoboye kwiyumvisha umubiri w'Umwami Yesu. Amagambo ya Kristo yari agendereye kubumvisha ukuri ibitambo bya Pasika byasuraga. Nyamara ibyo ntacyo byabamariye.

Abigishamategeko n'umujinya mwinshi, barabazanya bati : « Mbese uyu yabasha ate kuduha umubiri we ngo tuwurye? » Ayo magambo bari bayumvise nk'uko Nikodemu yumvaga igihe yabazaga ati : « Umuntu yabasha ate kubyarwa ubwa kabiri akuze?⁹» Bari bavumbuye icyo Yesu ashaka kuvuga, ariko ntabwo bari biteguye kucyemera. Mu guhindura ubusobanuro bw'amagambo ye, bibwiraga ko bazanye impamvu iri butume abamwumva batamwakira.

Kristo ntiyemeye kworoshya ibyo yavugaga. Ibiri amambu yongeye guhamya uko kuri akoresheje imvugo ikakaye, aravuga ati : « Ni ukuri ni ukuri, ndababwira ko nimutarya umubiri w'Umwana w'umuntu, ntimunywe n'amaraso ye, nta bugingo muba mufite muri mwe. Urya umubiri wanjye akanywa n'amaraso yanjye aba afite ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku munsu w'imperuka. Kuko umubiri wanjye ari ibyo kurya by'ukuri n'amaraso yanjye ari ibyo kunywa by'ukuri.

Urya umubiri akanywa amaraso yanjye aguma muri njye, nanjye nkaguma muri we.»

Kurya umubiri wa Kristo no kunywa amaraso ye ni ukumwakira nk'Umukiza wawe bwite, ukizera ko ababarira ibyaha byacu kandi ko muri we twababariwe rwose. Kwitegereza urukundo rwe, ukarutekerezaho ukinira kandi ukanywera kuri iyo soko, bidutera guhinduka abafatanyaga na kamere ye. icyo ibyo kurya bimarira umubiri, nicyo Kristo amarira ubugingo. Ibyo kurya bigirira umumaro ubyakira, akabirya. Dukwiriye guhazwa na we, tukamwakira mu mitima yacu kugira ngo ubugingo bwe bube ubwacu. Dukwiriye gusabana n'urukundo rwe tukariyumvamo, kandi tukiyumvamo n'ubuntu bwe.

Nyamara ayo mapica nubwo agaragara cyane ntabwo ahagije na gato gusobanura agaciro k'isano iri hagati ya Kristo n'umwizera. Yesu yaravuze ati: « Nk'uko Data uhoraho yantumye, nanjye nkaba ndiho kubwa Data, niko undya nawe azabaho ku bwanjye.» Nk'uko Umwana w'Imana yabeshwagaho no kwizera Se, natwe tugomba kubeshwaho no kwizera Kristo. Yesu yumviraga rwose ubushake bw'Imana Data, ku buryo Data wa twese wenyine ariwe wagaragara mu mibereho ye. Yageragejwe muri byose nkatwe nyamara yagaragaye imbere y'ab'isi ari nta kizinga, ntabwo yigeze yemera kwanduzwa n'ibibi byari bimuzengurutse. Nuko rero natwe tugomba kunesha nk'uko Kristo yanesheje.

Murifuza gukurikira Kristo? Nuko rero Ibyanditswe byera bisobanura iby'ubugingo bw'iby'umwuka birabareba, kandi muzabishobozwa no kugirana ubumwe na Kristo. Mbese ku by'umwete ufite intege nke? Mbese urukundo rwawe rwa mbere rwarakonje? Emera kongera kwakira urukundo rwa Kristo aguha. Nimurye umubiri we munywe n'amaraso ye, nibwo muzaba umwe na Data n'Umwana we.

Abayuda batizera bashatse kwitegereza amagambo y'Umukiza mu buryo bw'ibigaragara. Kunywa amaraso byari ikintu kibuzanyijwe n'amategeko y'imihango, nuko rero amagambo yavuzwe na Kristo bayabonagamo icyaha gikomeye, bituma bayajyaho impaka. Ndetse na bamwe mu bigishwa be baravuze bati « iri jambo rirakomeye ushobora kuryihanganira ninde? »

Umukiza arababwira ati: « Mbese ibyo bibabereye igisitaza? None mwabona Umwana w’umuntu azamuka ajya aho yahoze, mbe byamera bite? Umwuka ni wo utanga ubugingo. Umubiri ntacyo umaze. Amagambo mbabwiye ni yo mwuka kandi ni yo bugingo. »

Ubugingo bwa Kristo we uha abari mu isi ubugingo, buboneka mu ijambo rye. Ijambo rya Kristo ni ryo yakirishaga abarwayi, kandi akaryirukanisha abadayimoni, ni ryo yaturishaga imiraba y’inyanja, kandi ni ryo yazurishaga abapfuye; abantu bahamije ko ijambo rye ryari riherekejwe n’imbaraga. Yumvikanishije Ijambo ry’Imana, ari naryo ryajyaga rivugira mu kanwa k’abahanuzi n’abigisha bo mu Isezerano rya Kera. Bibliya yose uko ingana ni ukwigaragaza kwa Kristo, kandi Umukiza yifuzaga ko abigishwa be bashingira ukwizera kwabo ku ijambo rye; kugira ngo igihe bazaba batakimurebesha amaso, ijambo rye rizakomeze kubabera isoko y’imbaraga. Nk’uko Umwigisha wabo yabagaho, birakwiye ko nabo «batungwa n’ijambo ryose riva mu kanwa k’Imana.¹⁰»

Nk’uko imibereho yacu itunzwe n’ibyo kurya niko imibereho yacu y’iby’umwuka ibeshwaho n’Ijambo ry’Imana. Buri muntu wese agomba kwakira ku nyungu ze ubugingo bubonerwa mu Ijambo ry’Imana. Nk’uko umuntu agomba kurya ku giti cye ngo abeho, ni nako tugomba kwakira iryo jambo buri muntu ku giti cye. Si byiza gushimishwa no kuryakira binyujijwe mu wundi muntu. Dukwiye kwiga Bibliya twitonze, dusaba Imana ubufasha bw’Umwuka Wera kugira ngo dushobore gusobanukirwa n’ijambo ryayo. Dukwiye gutoranya isomo rimwe, maze tukaritekerezaho twitonze, kugira ngo tubonemo icyo Imana yatubikiyemo. Dukwiye kubitekerezaho kugeza ubwo igitekerezo kirimo tucyumva neza, ngo tumenye « icyo Umwami Mana ivuga. »

Ni nyewe ubwanjye Yesu abwira amasezerano ye ndetse n’imiburo ye. Kukuba Imana yakunze abari mu isi cyane, ni cyo cyatumye itanga Umwana wayo w’ikinege kugira ngo *nimwizera ntarimbuka*, ahubwo *mpabwe* ubugingo buhoraho. Ibyitegererezo bivugwa mu Ijambo ry’Imana bikwiriye kuba ibyanjye. Amasengesho n’amasezerano, amategeko n’imiburo byose ni ibyanjye.

“Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara sijye uriho ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri mbikoreshwa no kwizera Umwana

w’Imana wankunze akanyitangira.¹¹ Iyo kwizera kwakiriye amahame y’ukuri gutyo maze kukayagira ayako, byombi bihinduka kimwe mu bigize impagarike yacu kandi bigatunganya imibereho y’umuntu. Ijambo ry’Imana iyo ryakiriwe mu mutima riboneza ibitekerezo kandi rikihatira gutunganya imico yose maze ikaba imbonera.

Tuzakomezwa no guhora twitegereza Yesu n’amaso yo kwizera. Imana yifuza guhishurira ubwoko bwayo bushonje kandi bufite inyota y’ukuri ibyiza by’igiciro cyinshi. Kristo azakirwa nk’Umukiza bwite. Urya ijambo rye azabona ko ari ryo mwuka n’ubugingo. Ijambo rye rimaraho kamere yose ya kimuntu, maze rigatanga ubugingo bushya muri Kristo Yesu. Umwuka Wera aza gukomeza ubugingo bwacu. Kubw’umurimo w’ubuntu uhindura, ishusho y’Imana igarurwa mu mwigishwa wa Kristo maze agahinduka icyaremwe gishya. Urwango rusimbura n’urukundo maze umutima ukagira ishusho y’ijuru. Mu by’ukuri ibyo ni byo « gutungwa n’ijambo ryose riva mu kanwa k’Imana. » Uko niko kurya umutsima wavuye mu ijuru.

Kristo yavuze ibanga ryera ry’iteka ryose ryerekeranye n’isano afitanye n’abigishwa. Yari azi imico y’intumwa ze, nicyo cyatumye apima kwizera kwa bo. Yababwiye ko bagomba kwizera kandi bagakora ibijyanye n’inyigisho ye. Abamwakira bose bahinduka abasangira kamere na we maze bagahinduka nka we. Ibyo nibyo bigomba gutuma bareka rwose iby’irari bishimiraga. Ibyo bishatse kuvuga kwiyegegurira Kristo burundu. Turararikirwa kwiyinga maze tukaba abagwaneza kandi bicisha bugufi mu mutima. Dukwiriye guca mu nzira ntoya, imwe yanyuzwemo n’umuntu w’i Karuvali, niba dushaka gusangira na we impano y’ubugingo kandi tugahabwa ubwiza bw’ijuru.

Icyo kigeragezo cyari kiruhije cyane. Abari bashatse kumufata ku mbaraga ngo bamwimike abe umwami baramwaye barasuhirwa. Bavuga ko amagambo avugiye mu isinagogi, yabahumuye amaso. Bari bamaze kunyomozwa. Amagambo ye yasaga n’abereka ko yahamije ko atari we Mesiya; basobanukirwa ko nta ngororano y’iby’isi abifatanya na we bakwiriye gutegereza. Bari bashimishijwe n’imbaraga yagaragaraga mu bitangaza bye bifuzaga gukizwa indwara ndetse n’uburibwe nyamara bakanga gufatanya nawe imibereho yo kwiyinga. Ibanga ry’ubwami bw’iby’umwuka, ntibari baryitayeho. Abantu bikunda kandi batiringirwa bari bamukuriye batangira kutamwifuza.

Kubera ko atashakaga gukoresha ubushobozi bwe n'imbaraga ze kugira ngo abakize uburetwa bw'abaroma; nta kindi bumvaga bamutezeho.

Yesu ababwira yeruye ati: «ariko hariho bamwe muri mwe batizera.» Nuko yongeraho ati: «Nicyo cyatumye mbabwira ko hatariho ubasha kuza aho ndi, keretse abihawe na Data.» Yashakaga kubumvisha ko impamvu bumva batareherejwe kuri we ari uko banze kugururira Umwuka wera mu mitima yabo. «Ariko umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana, kuko ari ubupfu kuri we; akaba atabasha kubimenya, kuko bisobanurwa mu buryo bw'umwuka.¹²» Kwizera konyine niko gutuma umuntu abasha kwitegereza ubwiza bwa Kristo. Ubwo bwiza bukomeza kuba ubwiru bwahishwe kugeza igihe Umwuka wera aza agakongeza kwizera mu mutima.

Igihe Yesu yacyahaga ku mugaragaro kutizera kw'abigishwa be, yarushijeho kubigiza kure. Nuko bababaye cyane, bashaka gukomeretsa n'agasuzuguro kenshi Umukiza no gushimisha indyarya z'abafarisayo, baragenda bamutera umugongo. Bari bamaze kwihitiramo: Umuntu udafite Umwuka Wera ameze nk'igishishwa cy'itunda ritarimo imbuto. Bareka gukurikira Kristo, baragenda ntibigarura ku cyemezo bafashe.

«Intara ye iri mu kuboko kwe, kandi azeza imbuga ye cyane, amasaka ye azayahunike mu kigega.¹³» Bari bageze muri kimwe muri ibi bihe. Ijambo ry'ukuri ryarimo ritandukanya umurama n'amasaka mazima. Benshi bava kuri Yesu, birata kumva ko bakiranuka ku buryo batashakaga gucyahwa, bakundaga iby'isi cyane ku buryo batiyumvishaga ubuzima bwo kwitanga. No muri iki gihe nabwo hariho benshi bameze nk'abo. Imitima irasuzumwa ubu ngubu nk'uko byagenze ku bigishwa be igihe bari mu isinagogi i Kaperinaumu. Iyo beretswe ukuri, nibwo bibonera ko imitima yabo idashaka guhuza n'ubushake bw'Imana. Bibonera ubwabo ko bakwiriye guhinduka byuzuye; maze bagasubira inyuma kubw'imbaraga basabwe yo kwitanga. Bararakara iyo ibyaha byabo bishyizwe ahagaragara, maze nk'uko byagendekeye abigishwa ba Yesu nabo bakagenda bijujuta bati: «Iryo jambo rirakomeye, ubasha kuryihanganira ninde?»

Ishimwe no gushyeshyenga bishimisha ubyumva, nyamara ukuri ko kurababaza, ntabwo abantu bashaka kugutega amatwi. Igihe abantu bateranaga bakagaburirwa, igihe impundu zo kunesha zumvikanaga, abantu baramushimye, Umwuka w’Imana amuritse mu mitima yabo maze ibyaha byabo bigashyirwa ahabona, ukabasaba kubireka, ukuri bagutera umugongo, nuko barekeraho gukurikira Yesu.

Nuko abo bigishwa bashavuye bamaze guhana Kristo, undi mwuka ubinjiramo. Nta kintu gishimwa bari bakibona mu muntu bahoze bishimira. Nuko bifatanyaga n’abanzi be bari buzuye umwuka umwe. Amagambo ye bayaha ubusobanuro butari bwo, bahindagura ibyo yavuze, kandi bagaya impamvu z’ibyo avuga. Kugira ngo babone uko bazajya bisobanura bashaka impamvu zose zatuma babona uko bamurwanya, ayo magambo y’ibinyoma yendaga kumwicisha, kuko abantu benshi bamurakariye.

Bakwirakwiza inkuru ko Yesu w’i Nazareti, yahakanye ko atari Mesiya. Bageza ubwo urukundo abantu b’i Galilaya bari bamufitiye rushira, nk’uko byari byaramugendekye i Buyuda, mu mwaka wari ushize. Iryo ryari ishyano rigwiriye Isiraeli. Bari banze Umukiza wabo kuko bifuzaga umuneshi uzashyiraho ubutegetsu bushira. Mu cyimbo cy’ibyo kurya bitanga ubugingo buhoraho, bihitiramo ibyo kurya bishira.

Yesu yababajwe no kubona abigishwa be bamuhunga, ntibababakimukurikira kandi ari we Bugingo n’Umucyo w’abantu. Kuba impuhwe ze zitarakiriwe neza, urukundo rwe ntirwitabweho, imbabazi ze bakazisuzugura, n’agakiza ke bakakareka, ibyo byose byujuje intimba itavugwa mu mutima we. Ibyo ni byo byamugize umunyamibabaro wamenyereye intimba.

Yesu adashaka gutangira abamuvagaho, abaza abigishwa be cumi na babiri ati: «Kandi namwe murashaka kugenda?» Simoni Petero aramusubiza ati : «Data buja twajya kuri nde? Ko ari wowe ufite amagambo y’ubugingo buhoraho? Natwe tukaba twizeye tuzi ko uri Kristo, Uwera w’Imana.»

«Twakuvaho tukajya he?» Abigisha b’Isirayeli bari barabaye imbata z’imigenzo yabo. Abafarisayo n’abasadukayo bahoraga batongana. Kuva kuri Yesu byasobanuraga gusanga abantu babaswe n’imihango n’imigenzo n’iminsi mikuru,

abantu b'ubwirasi bashaka icyubahiro cyabo ubwabo. Abigishwa bari babonye amahoro menshi n'umunezero usesuye uhereye igihe bemereye Kristo kuruta igihe cyose babayeho batamufite. Byashoboka bite ko bongera kwifatanya n'abanzi kandi bakarenganya Inshuti y'abanyabyaha? Bamaze igihe kirekire bategereje Mesiya, ntibyumvikana ko ubwo yari aje, bamutera umugongo ngo bisangire abashakaga kumwica, kandi barajyaga babarenganya babaziza yuko bari bamukurikiye.

«Twajya kuri nde?» Ntabwo ari byiza kwanga ibyigisho bya Kristo n'ibibwirizwa bye byuje urukundo n'impuhwe ngo wirohe mu mwijima wo kutizera ndetse n'ubugome bw'isi. Nuko ubwo Umukiza yabonaga abenshi mu bahoze ari abahamya b'imirimu ye itangaza bamuvaho, Petero asobanura kwizera kw'abigishwa agira ati: "Uri kristo." Ntibyari kubashobokera kwitandukanya n'uwo imitima yabo yari ishikamyeho. Kwitandukanya n'Umukiza byari kuba nko kwiroha mu nyanja y'umuraba ushega.

Amagambo n'ibikorwa bya Yesu bimerera imitima nk'ubwiru, ariko rimwe mu magambo ye na kimwe mu bikorwa bye, biba bifite umugambi usobanutse mu murimo wo gukiza umuntu, byose byari byarateguwe ngo bizagire umusozo uzwi. Iyaba twashoboraga gusobanukirwa n'imigambi ye, byose twasanga ari ukuri kandi biboneye, bihuje rwose n'umurimo we.

Nubwo tutabasha gusobanukirwa neza imirimu n'inzira z'Imana, twamaze kubona urukundo rwayo rwinshi ifitiye abantu. Umuntu wabaye inkoramutima ya Yesu abasha gusobanukirwa ubwiru bwo kwera ku rugero rwisumbuye. Asobanukirwa n'ubuntu bucyaha, bukagerageza imico bugatwikurura ibanga rihishwe mu mutima.

Yesu ubwo yagaragazaga ukuri kwari kugiye kugerageza abigishwa be, kandi kugatuma abenshi bigendera, ntiyari ayobewe amaherezo; ariko yakomeje umugambi we w'imbabazi. Yateganyaga ibirushya bikomeye bizasakirana n'abigishwa be akunda ku munsu w'ibigeragezo. Umubabaro we w'i Getsemani, kugambanirwa no kubambwa kwe, byajyaga kubabera intimba itavugwa. Iyo hataza kubaho icyo kigeragezo benshi bajyaga kumukurikira ku mpamvu zo kwikunda. Igihe Umukiza yacirwagaho iteka mu rukiko, igihe abantu bashakaga kumugira

Umwami bamukwenaga, bagatera hejuru n’uburakari bagira bati : “nabambwe,” igihe ibyo birataga bari babibuze, abo bantu bikunda bakamwihakana, ibyo byongera intimba ku bigishwa nyakuri bari babuze ibyo biringiraga bikomeye. Muri icyo gihe cy’umwijima, icyitegererezo cyatanzwe n’abamuvuyeho, cyajyaga gukurura n’abandi. Ariko Yesu yemeye ko icyo gihe kigera akihiberaye kugira ngo akomeze kwizera kw’abigishwa be nyakuri.


Umucunguzi yuzuye urukundo rwinshi, azi neza ingorane zimuteganyirijwe, yihatira kubw’ubugwaneza kuringaniza inzira y’abigishwa be no kubategura kubw’ikigeragezo giteye ubwoba cyari kibarindiriye.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 6:22-71.

2. Matayo 8:20.
3. Mariko 6:55.
4. Yohana 1:29.
5. Gutegeka kwa kabiri 8:3; Yeremiya 15:16.
6. Yohana 1:14.
7. Yesaya 54:13.
8. 1 Yohana 5:11,12.
9. Yohana 3:4.
10. Matayo 4:4.
11. Abagalatiya 2:19,20.
12. 1 Abakorinto 2:14. 13. Matayo 3:12.

*** **

42. IMIGENZO



Biteze kureba Yesu mu gihe cya Pasika, abafarisayo n'abanditsi bari bamuteze umutego¹. Ariko kuko Yesu yari azi imigambi yabo, ntiyahahinguka. «Nuko abafarisayo n'abanditsi bava i Yerusalemu, baza aho Yesu yari ari.» Babonye ko atabasanze, bo baramusanga. Mu gihe runaka bari bibwiye ko abaturage b'i Galilaya bari kwakira Yesu nka Mesiya, maze iby'ubuyobozi muri ako karere bikaba bikomwe mu nkokora. Umurimo w'intuwa cumi n'ebiri, mu kwerekana ubugari bw'umurimo wa Kristo no gutuma abigishwa bahangana n'abigishamategako, wabyukije ishyari ry'abakuru b'i Yerusalemu. Abatasi bari boherejwe i Kaperinawumu mu itangira

ry'umurimo wa Yesu, bari bashoboye kwerekana ibimenyetso by'uko Yesu azirura isabato, ariko biba iby'ubusa. Nyamara abigishamategako bamaze kwiyezema kugera ku migambi yabo bohereza izindi ntumwa kugira ngo bamenye imigambi ya Kristo no gushaka ikindi kirego bamurega. Nkuko byari byagenze bwa mbere bamuregaga ko atita ku mategeko y'imigenzo iremereza amategako y'Imana. Mu gushyiraho ayo mategeko, bari biyemeje gushaka kurinda ubusugire bwo gukomeza amategako y'Imana; ariko buhoho buhoro bagera aho amategako y'imihango bayagira ayera cyane, bayarutisha amategako icumi y'Imana ubwayo. Bageza naho ari yo baha umwanya wa mbere iyo yabaga ahanganye n'amategako cumi yatangiwe ku musozi wa Sinai.

Batsindagirizaga cyane agaciro k'imigenzo yo kwihumanura. Gusuzugura imigenzo yabanzirizaga kurya, byarebwaga nk'icyaha gikomeye gishobora guhanirwa hano ku isi ndetse no mu yindi si; ibyo byatumaga biyumvisha ko kwica uwakoze ibyo ari igikorwa cyiza.

Hariho udutegeko tutabarika dufitanye isano n'imihango yo guhumanuka. Byashoboraga gutwara imibereho y'umuntu kugira ngo yige amategeko yose. Abashakaga kumvira ibyasabwaga n'abigishamategeko barangizaga imibereho yabo yose barwanya imyanda y'imigenzo, bakoresheje kwijabika no kwihumanura. Amahame akomeye yo mu mategeko y'Imana yari yaribagiranye, mu gihe bari bitaye cyane ku kintu kidasobanutse n'amategeko atarashyizweho n'Imana.

Kristo n'intumwa ze ntibakoraga imigenzo yo kwijabika, bene gushyiraho ayo mategeko babibonamo ikirego. Ntibatinyuka kurega Kristo bahanganye, ahubwo bamuregera abigishwa be, bamubariza mu ruhamye, bati :
«Niki gituma abigishwa bawe bataziririza imigenzo y'aba kera, ntibajabike intoke mu mazi bagiye kurya ?»

Igihe cyose ubutumwa bw'ukuri bukabakabye ku mitima y'abantu, satani akoresha ibikoresho bye kugira ngo biteze impaka ku bibazo bitagira umumaro cyane. Bityo akagerageza gutuma abantu bareka gutumbira ku kintu cy'ingenzi. Igihe umurimo mwiza utangiye, habaho abibonekeza baba biteguye kujya impaka ku bibazo by'uburyo umurimo uzakorwa, barondora akantu kose, kugira ngo bahindukize imitima bayikure ku kuri guhamye. Iyo ubonye Imana igiye gukorera abayo ikintu mu buryo bwihariye, ntuba ukwiriye gutwarwa n'impaka z'urudaca, kuko nta wundi mugambi ziba zifite uretse uwo kurimbuza imitima. Ibibazo bidukomanga cyane ni ibi ngo : Mbese nizera Umwana w'Imana mfite kwizera gukiza? Mbese imibereho yanyje ihuje n'amategeko y'Imana? «Uwizera uwo mwana aba afite ubugingo buhoraho; ariko utumvira uwo mwana ntazabona ubugingo.» «Iki nicyo kitumenyesha ko tumuzi: nuko twitondera amategeko ye.²»

Yesu ntabwo yavunitse yisobanura cyangwa ngo asobanure iby'abigishwa be. Nta nubwo yigeze yerekeza ku birego bamuregaga, ahubwo yashatse kwerekana umwuka ukorera muri abo bantu baharanira imigenzo ya kimuntu. Akoresheje urugero, abereka ibyo bahoraga baharanira, nibyo bari bamaze gukora batari babimubaza: "Namwe niki gituma mucumurira itegeko ry'Imana imigenzo yanyu? Kuko Imana yavuze iti: Wubahe so na nyoko. Kandi iti : Ututse se cyangwa nyina bamwice. Ariko mwebwe muravuga muti : Umuntu wese ubwira se cyangwa nyina

ati : icyo najyaga kugufashisha nagituye Imana; umeze atyo ntahatwa kubaha se cyangwa nyina.”

Bashyiraga ku ruhande itegeko rya gatanu nk’ikintu kidafite agaciro, mu gihe berekanaga ko bashishikajwe no gukomeza imigenzo y’abakurambere. Bigishaga ko gutanga ubutunzi bw’umuntu mu rusengero yari inshingano yera cyane kuruta gufata neza ababyeyi b’umuntu; kandi ko guha se cyangwa nyina ibyagenewe kuba ituro ryera naho baba bafite ubukene bungana bute, ngo byaba ari icyaha gikomeye cyane. Umwana w’indashima byari bihagije kugira ngo avuge iri jambo ngo : Korobani ituro ry’Imana, bityo ibyo atunze byose yabaga abyereje Uwituka, akaba afite uburenganzira bwo kubinezerezwamo igihe cyose akiriho; maze yamara gupfa ibisigaye bikegurirwa umurimo w’urusengero. Bityo, imibereho ye yose kugeza gupfa, yashoboraga kwirengagiza kubaha ababyeyi be no kubamara ubukene, yifurebye umwambaro wo gukiranuka.

Nta na rimwe Yesu, haba mu magambo ye cyangwa akoresheje urugero, yigeze apfobya inshingano z’umuntu ku byerekeye impano cyangwa se amaturo aturwa Imana. Kristo ubwe ni we watanze amabwiriza ku byerekeye ibyo gutanga kimwe mu icumi n’amaturo. Mu gihe cy’imibereho ye ya hano ku isi yashimagije umupfakazi w’umukene washyize ubutunzi bwe bwose mu mutungo w’urusengero. Ariko ishyaka rigaragara ry’abatambyi n’abigishamategeko bagiriraga Imana, ryari rihishe ibanga ryo gushaka gukungahara. Abo bantu babeshyaga rubanda. Babakorera imitwaro iremereye Imana itategetse. Ndetse n’abigishwa ba Kristo ubwabo bari batarashobora kwigobotora uwo mutwaro bakorewe n’ibyo babwiwe by’uruherekane rwa ba sekuruza ndetse n’ubutegetsu bw’abigishamategeko. Mu gushyira ahabona umugambi nyakuri w’abigishamategeko, Yesu yashakaga kugobotora mu bubata bw’imigenzo, abari bafite umutima wo gukorera Imana by’ukuri.

Mu kubwira abo batasi b’indyarya, Yesu yaravuze ati : “Mwa ndyarya mwe, Yesaya yahanuye ibyanyu neza, ati : “Ubu bwoko bunshimisha iminwa, ariko imitima yabo ikamba kure. Bansengera ubusa kuko inyigisho bigisha ari amategeko y’abantu.” Aya magambo ya Kristo yari ikirego cyerekezaga ku bazakora imigenzo ya gifarisayo bese. Yesu yavuze ko abigishamategeko, mu gushyira hejuru

amategeko yabo bakayasumbisha ay’Imana, bo ubwabo bari bishyize hejuru y’Imana.

Uburakari bukaze buzabiranya abo baturutse i Yerusalemu. Ntabwo bari bagishoboye kurega Kristo ko yica amategeko yatangiwe kuri Sinaï, kuko yari amaze kuyaburanira arwanya imigenzo yabo. Ingingo zikomeye zo mu mategeko yari amaze kugaragaza, zari zihabanye by’ihabya n’amategeko adafashije yahimbwe n’abantu.

Yesu abanza kwereka rubanda hanyuma mu buryo busesuye yereka intumwa ze ko imyanda idaturuka inyuma ahubwo iva imbere. Kubonera no kwandura byose biri mu mutima. icyanduzwa umuntu, ni igikorwa kibi, imigambi mibi, kwica amategeko y’Imana; ntabwo ari ukwirengagiza imigenzo y’inyuma yashyizweho n’abantu.

Abigishwa bitegereza uburakari abo batasi bakiranye gushyirwa ahabona kw’imyigishirize yabo ipfuye. Bitegereza indoro z’umujinya kandi bumva amagambo mabi no kwihorera bagendaga bavugira mu matamatama. Mu kwibagirwa ko Kristo yahoraga abaha ikimenyetso cy’uko asoma mu mutima nk’usoma igitabo kibumbuye, bamugaragariza ingaruka zizanywe n’amagambo ye. Mu kwibwira ko bashobora kurura abo bakozi barakaye, baramubwira bati:

“Uzi yuko abafarisayo barakajwe no kumva ayo magambo.”

Arabasubiza ati : “Igiti cyose Data wo mu ijuru atateye kizarandurwa.” Imihango n’imigenzo yashyizweho n’abigishamategeko ni iy’isi ntabwo ari iy’ijuru. Uko iyo mihango n’imiziririzo yakirwaga na rubanda kose, ntiyashoboraga guhagarara imbere y’ishungura ry’Imana. Igihimbano cyose cy’abantu gisimbura amategeko y’Imana, “kizagaragara nta gaciro gifite ku muni Imana izaca amateka, ikazana umurimo wose mu manza, n’igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi.”³⁹

Ntabwo bigeze bahwema gusimbuza amategeko y’Imana ay’abantu. Ndetse no mu bakristo ubwabo, hariho imihango n’imigenzo ifite urufatiro rukomoka ku migenzo ya ba sekuruza. Imihango nk’iyo ishingiyeye ku butegetsi bwa kimuntu gusa yasimbuye amategeko Imana yishyiriyeho. Abantu bihambira ku mihango yabo, maze bakubaha imigenzo yabo, banga umuntu uwo ariwe wese ushaka kubereka ko bari mu ikosa. Mu gihe cya none ubwo twerekeje amaso yacu

ku mategeko y’Imana no kwizera nk’ukwa Yesu, tugenda tubona urwango rumeze nk’urwagaragaraga mu gihe cya Yesu. Byanditswe ku basigaye b’ubwoko bw’Imana ngo : “Nuko ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye bitondera amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.⁴”

“Igiti cyose kitatwe na Data wo mu ijuru kizarandurwa.” Imana iturarikira kwakira Ijambo rya Data uhoraho, Umwami w’ijuru n’isi, mu cyimbo cyo kwiringira abiyita abashumba b’itorero. Aho ni ho honyine haboneka ukuri kutavanzwe n’ibinyoma. Dawidi yaravuze ati : “Mfite ubwenge buruta ubw’abigisha banjye bese; kuko ibyo wahamije aribyo nibwira. Ndajijuka nkarusha abasaza, kuko njya nitondera amategeko wigishije.⁵” Abemera ubutegetsi bwa kimuntu n’imihango y’idini cyangwa imihango ya ba sekuruza bakwiriye kwitondera umuburo uri mu magambo ya Kristo, aho yavuze ati :

“Bansengera ubusa kuko inyigisho bigisha ari amategeko y’abantu.”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 15:1-20; Mariko 7:1-23.

2. Yohana 3:36; 1 Yohana 2:3.

3. Umubwiriza 12:16.

4. Ibyahishuwe 12:17. 5. Zaburi 119: 99,100.

*** **

43. INZITIZI ZAKUWEHO



Yesu amaze guhura n'abafarisayo, ava i Kaperinaumu anyura i Galilaya ahungira mu karere k'imisozi miremire ikikije akarere k'Abafenisiya. Aho ngaho yashoboraga kwitegereza iburengerazuba ikibaya cyubatsemo imidugudu ya Tiro na Sidoni n'insengero zaho basengeragamo ibigirwamana by'abapagane n'ingoro zaho nziza n'amasoko yaho ndetse

n'imyaro yaho yuzuyemo amato menshi. Hirya kure hagaragaraga ubururu bw'inyanja ya Mediterane aho abajyanye ubutumwa bwiza bari bagiye kuzanyura ngo babukwirakwize mu mahuriro y'ingoma ngari zigaruriye isi. Ariko igihe cyo kujyana ubutumwa cyari kitaragera. Yesu yari agishigaje umurimo agomba gukora, wo gutegurira abigishwa be inshingano yabo. Kubw'ibyo yizeraga ko ari bubone muri ako karere ahiherereye atari yabonye i Betsaida. Nyamara uwo ntabwo ari wo mugambi wonyine w'urugendo rwe.

Umugore w'umunyakananikazi wari uturutse muri ako karere, aza amutakira agira ati : “Mwana wa Dawidi mbabarira umukobwa wanjye atewe na daimoni cyane.”¹ Abaturage bo muri ako karere bakomokaga mu muryango wa kera w'abanyakanani, kandi kubera gusenga ibigirwamana kwabo, Abayuda barabasuzuguraga bakabanga. Umugore wari usanze Yesu yakomokaga muri ubwo bwoko. Yari yarumvise bavuga iby'umuhanuzi ukomeye cyane, wakizaga indwara z'uburyo bwose, nuko ibyiringiro bigurumanira mu mutima we. Kubera urukundo yakundaga umukobwa we, arahaguruka ajya kumuvuganira kuri Yesu amusaba ko yamworohereza uburibwe bwe. Byari ngombwa ko Yesu amukiriza umwana. Yari yarasabye imana z'abanyamahanga ngo zimumukirize biba iby'ubusa; rimwe na rimwe yajyaga yibaza ati: Ariko se uriya Muganga w'umuyuda hari icyo yabasha kumarira? Ariko bari baramubwiye ko akiza indwara z'uburyo bwose, atitaye

kureba niba abamusanze ari abakungu cyangwa se abakene. Nuko uwo mugore yumva icyizere cye rukumbi yari asigaranye atakireka.

Kristo yari azi ibibazo by'uwo mugore. Abonye ko yifuza kumubona, ahagarara mu nzira yari kunyuramo. Yesu mu kuza gutabara uwo munyabyago, yashoboraga gutanga imfashanyigisho ikomeye ku isomo yari yiteguye kwigisha. Ni cyo cyatumye azana abigishwa be muri ako karere. Yifuzaga kubatungira agatoki ubujiji bwari mu mudugudu n'ibirorero bituranye n'igihugu cy'abisiraeli. Ubwoko Imana yari yarahaye amahirwe yo kumenya ukuri bwari bwarirengagije ubukene bw'ababakikije. Ntacyari cyarakozwe ngo abisiraeli babe batabara abantu bagoswe n'umwijima. Urusika rutewe n'ubwirasi bw'abayuda rwabujije abigishwa ba Yesu kugirira impuhwe abanyamahanga. Nuko rero izo nzitizi zagombaga kuvanwaho.

Kristo ntiyihutiye gusubiza ikibazo cy'uwo mugore. Uwo mugore yashushanyaga ubwoko bw'insuzugurwa maze Yesu amwakira nk'uko abayuda bari kubigira. Mu kugenza atyo yashakaga kwereka abigishwa be ubukonje no kubura umutima abayuda bari kwakirana ikibazo nk'icyo; nuko mu gusubiza ikibazo yari yahawe, yari abahaye icyitegererezo cy'impuhwe cy'ukuntu bazajya bagenzereza abari mu kaga kameze gatyo.

Nubwo Yesu yari atarashyize, uwo mugore ntiyarambiwe. Nubwo Yesu yakomezaga kugenda asa n'utamwumvise, uwo mugore amukurikirana asubira mu kibazo cye. Abigishwa barambiwe, basaba Yesu kumusezerera. Kuko babonaga Umwigisha wabo asa nutamwitayeho, bibwiye ko afatanije n'abayuda kwanga abanyakanani. Nyamara uwo mugore yasabaga Umukiza wuzuye impuhwe, maze ikibazo cy'abigishwa ba Yesu, nicyo cyateye Yesu gusubiza ngo : «Sinatumwe ku bandi keretse intama zazimiye zo mu muryango wa Isiraeli.» Nubwo icyo gisubizo cyasaga n'igihamanyana n'ibyo Abayuda bibwiraga, kwari ugucyaha kuziguye Yesu yari ahaye abigishwa be: ibyo bazaga kuzabyumva bitinze, ari uko bibutse ko inshuro nyinshi yajyaga ababwira ko yazanywe mu isi no gukiza abamwemera bose.

Umugore arushaho guhatiriza maze aragenda apfukama ku birenge bya Kristo, aramutakambira cyane agira ati : “Mwami ntabara.” Mu gisubizo cye cya kabiri Yesu asa n'udashaka kumva gusaba kwe. Aramusubiza ati : “Si byiza kwenda

ibyo kurya by’abana ngo mbijugunyire imbwa.” Byasaga na ho avuze ko atari byiza gutanga imigisha yagenewe ubwoko bw’Imana bwatoranyijwe, ngo ihabwe abapagane ndetse n’abanzi ba Isirayeli. Undi muntu uwo ari we wese yari gucibwa intege n’ayo magambo. Ariko uwo mugore ashishoza muri icyo gisubizo kigaragara Yesu yari amushubije, impuhwe atashoboraga guhisha. Niko kumubwira ati : “Databuja ariko imbwa na zo zirya ubuvungukira bugwa buvuye ku meza ya ba shebuja.” Iyo abana barira ku meza ya se, imbwa nazo ntibazibagirwa. Nazo zifite uburenganzira bwo gutoragura ibivuye ku meza yuzuye. None niba Isiraeli yarahawe imigisha isaze, we nta na kamwe gato yaba yagenewe? Kuko bamureba nk’imbwa, ntiyari afite uburenganzira kuri ubwo buvungukira nka yo ?

Yesu yari amaze kuva aho yakoreraga kuko abanditsi n’abafarisayo bashakaga kumwica. Barijijutaga bakanamwinuba. Bagaragaje kutizera n’umutima mubi ndetse banga n’agakiza bari baherewe ubuntu. None dore Yesu yari ahuye n’umuntu ukomoka mu bwoko bw’insuzugurwa kandi butagira ibintu, utaragiriwe ubuntu ku mucyo w’Ijambo ry’Imana, we akaba yari yiteguye gutanga byose kubw’imbaraga y’ubumana iri muri Kristo, yizera adashidikanya ko Kristo ashobora kumuha ibyo amusaba. Yisabiye ubuvungukira bugwa buvuye ku meza ya Shebuja. Icyo yishakiraga ni ukwemererwa gutoragura ubuvungukira bw’imbwa, yemeye n’umutima ukunze gufatwa atyo. Nta bindi abanje kwibwira kuri Yesu, nta bwirasi bw’igihugu cyangwa bw’idini byabonekaga mu myifatire ye, yahise ako kanya yemera ko Yesu ari Umucunguzi ushobora gukora ibyo amusabye byose.

Yesu aranezerwa. Yari yasuzumye kwizera k’uwo mugore. Kubwo kuvugana n’uwo mugore, Yesu yagaragaje ko mu kwemera gufatanya n’imigisha yagenewe abisiraeli uwo mugore yaretse kuba umunyamahangakazi, ahinduka umwana wo mu nzu y’Imana. Kandi nk’abandi bana bose bo mu rugo, yari afite uburenganzira ku mpano za Se. Nuko Kristo yumva gusaba kwe kandi arangiza atyo inyigisho yageneye intumwa ze. N’impuhwe n’urukundo rwinshi, arahindukira abwira umugore ati : “Mugore kwizera kwawe ni kwinshi bikubere uko ushaka.” Maze ako kanya umukobwa we ahita akira. Daimoni ntiyongera kumubabaza ukundi. Uwo mugore ataha ahimbaza Umukiza we, anejewe nuko gusaba kwe kwasubijwe.

Nta kindi gitangaza Yesu yakoze muri urwo rugendo. Impamvu yari yerekeje ahahereranye na Tiro n'i Sidoni, kwari ukugira ngo asohoze icyo gikorwa cyo gukiza. Yashakaga gutabara uriya mugore wari ubabaye no gusiga icyitegererezo cy'umurimo we w'impuhwe ku bwoko busuzugurwa, kugira ngo bibere isomo abigishwa be no mu gihe azaba atakiri kumwe na bo. Yashakaga kubaca ku kintu cyo kwirebaho cya kiyuda no kubatera gufasha abandi batari abo mu bwoko bwabo.

Byatindije Yesu gukuraho inyegamo y'ubwiru butangaje bw'ukuri bwahishwe igihe kirekire, ko abapagane na bo bahamagariwe kuraganwa n'abayuda no gusangira na bo : “ibyasezeranyijwe muri Kristo Yesu ku bw'ubutumwa bwiza.”²⁹ Byatwaye abigishwa igihe gusobanukirwa iby'uko kuri, nubwo bigishijwe kenshi n'Umwigisha wavuye mu ijuru. Mu gushima kwizera k'umutware w'abasirikari; kandi akigisha abaturage bo mu mugi wa Sukala, yari yabumvishije bihagije ko ntaho ahuriye n'Abayuda b'intababarira. Ariko abasamariya byibura bari bafite uko bazi Imana; n'umutware w'abasirikari na we yari yaragaragaje ineza agirira abisiraeli. Ariko ubu bwo Yesu yari ashyize imbere y'abigishwa be umugore w'umupaganikazi uwo babonaga ko adakwiriye kugirirwa ubuntu kimwe n'abapagani bose. Yashakaga kubereka uko umuntu nk'uwo akwiriye kugenywa. Byasaga nk'aho abigishwa ba Yesu babona Umwigisha wabo atagaguza impano z'ubuntu bwe. Yashakaga kubereka ko urukundo rwe rutagarukira ku bwoko bumwe cyangwa ku ishyamba rimwe.

Ubwu Yesu yavugaga ati : «Sinatumwe ku bandi keretse ku ntama zazimiye zo mu muryango wa Isiraeli,» yari avuze ukuri, kandi mu kugirira neza uriya munyakanyikazi yari ashohoje inshingano ye. Uyu mugore yari umwe mu ntama zahabye Isiraeli yagombaga guhabura. Yesu asohozwa uyu murimo wari warirengagijwe n'abisiraeli bari barawuhawe.

Kubera icyo gikorwa, abigishwa basobanukirwa neza umurimo bari bagiye gukora mu banyamahanga, kandi bitegereza uburyo umurimo bari bagiye gukora ahatari i Buyuda ari mugari. Mu bo bari barigishije gusuzugura, harimo abababazwa n'akaga katazwi ku bwoko bwatoranyijwe, bifuzwa gutabarwa n'Umukiza ukomeye kandi bafitiye inzara n'inyota ukuri abayuda bari barahawe ku bwinshi.

Hanyuma Abayuda bateye umugongo abigishwa kuko bigishaga ko Yesu ari we Mukiza w'abari mu isi akaba yaranavanyeho urusika rwatandukanyaga abayuda n'abanyamahanga, arukujeho urupfu rwe rwo ku musaraba, iri somo kimwe n'ayandi yasaga na ryo yari yaragenewe kwerekana ko umurimo w'ubutumwa bwiza utagarukira ku migenzo cyangwa ku bwoko, ahubwo bugira imbaraga aho bugeze hose bujyanywe n'abahagarariye Kristo.

Urugendo Yesu yakoreye i Fenisi, n'igitangaza cyakorewe muri ako karere, byari bifite undi mugambi uruseho. Uwo murimo ntiwakorewe gutabara umugore wari ufite agahinda, abigishwa n'abo yagombaga kubwiriza ubutumwa gusa, ahubwo kwari ukugira ngo : «Mwizere ko Yesu ari Kristo Umwana w'Imana. Kandi ngo nimwizera muherwe ubugingo mu izina rye³.» Ibyatumaga abantu baba kure ya Kristo mu binyejana cumi n'umunani bishize, na n'ubu biracyari mu murimo. Umwuka washyize urusika hagati y'abayuda n'abapagane uracyakora na bugingo n'ubu. Ubwirasi no kwibwira ibibi ku bandi byashyize inzitizi hagati y'amoko atandukanye y'abantu. Kristo n'umurimo we ntabwo bagaragajwe uko bikwiriye maze abantu benshi bagira umutima wo kwikura mu murimo w'ubutumwa bwiza. Ariko ntawe ukwiriye kwiyumvisha ko kwegera Kristo bibujijwe. Nta n'imwe mu nzitizi zaba zubatswe n'umuntu cyangwa se satani, kwizera kudahinguranya.

Umugore w'Umufenisikazi ufite kwizera yikubise ku nzitizi zari zarashyizwe hagati y'Abayuda n'abanyamahanga. Nubwo hari impamvu nyinshi zacaga intege, nubwo ibigaragara byashoboraga kumutera gushidikanya, yiringiye urukundo rw'Umukiza. Uko niko Kristo yifuza ko tumwizera. Umutima wose ushobora kugira umugabane ku migisha y'agakiza. Nta kintu cyashobora kubuza umuntu kuba umuragwa w'isezerano ry'ubutumwa bwiza muri Kristo uretse ubushake bw'umuntu ku giti cye.

Imana yanga amacakubiri. Mu maso yayo bose bafite agaciro kangana. Yaremye amahanga yose y'abantu, bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza isi yose. Ni nayo yashyizeho ibihe n'imyaka ko bikuranwa uko yategetse ... Kugira ngo bashake Imana ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye. Kandi ntiri kure y'umuntu wese muri twe. Abantu bose bararikirwa kuza kuri we ngo babone ubugingo. Nta kurobanura ku bukuru, ku gihagararo, ku bwoko cyangwa ku idini. Umwizera wese ntazakorwa n'isoni. Nta tandukanirwo ry'Umuyuda n'umugiriki: kuko Umwami

umwe ari Umwami wa bose ni we ubereye abamwambaza bose ubutunzi. Kuko umuntu wese uzambaza izina ry’Umwami azakizwa. «None ntihariho Umuyuda cyangwa Umugiriki; ntihariho imbata cyangwa uw’umudendeze, ntihariho umugabo cyangwa umugore.» «Umutunzi n’umukene baturira hamwe, Uwituka ni we wabaremye bose.⁴»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 15:21-28; Mariko 7:24-36.

2. Abefeso 3:6

Abaroma 10:11-13;

3. Yohana 20:31

Abagalatiya 3:28;

4. Ibyakozwe n’intumwa 17:26,27

Imigani 22:2.

44. IKIMENYETSO NYAKURI



«Yesu ava mu gihugu cy'i Tiro agaruka i Sidoni maze yerekeza ku nyanja y'i Galilaya, anyura mu gihugu cy'i Dekapoli¹.» Mu gihugu cy'i Dekapoli ni ho abaturage baho batewe ubwoba no kurimbuka kw'ingurube, basabye Yesu kubavira mu gihugu. Ariko bari bateze amatwi intumwa yari yarasize inyuma ye, ubu bwo bifuzaga kumureba. Igihe agarutse muri ako karere, inteko nini z'abantu ziteranira aho ari, nuko bamuzanira ikiragi kivuga kidedemanga. Yesu ntiyanejwe no kumukiza avuze amagambo gusa nk'uko yamenyereye. Ahubwo amujyana ahiherereye, ashyira urutoki rwe mu matwi ye kandi akora no ku rurimi rwe, arararama areba hejuru,

asuhuza umutima kuko yari atekereje amatwi yanga kumva ukuri n'indimi zanga kumwemera nk'Umucunguzi wabo. Aramubwira ngo: «zibuka.» Uwo mugabo abasha kuvuga, kandi atitaye ku bamubuzaga kugira uwo abibwira, agenda yamamaza hose inkuru yo gukira kwe.

Yesu amaze kuzamuka umusozi, inteko nini y'abantu iramwegera, bamwegereza abarwayi n'ibimuga. Bose arabakiza kandi nubwo abo bantu bari abanyamahanga bahimbazaga Imana ya Isiraeli. Iminsi itatu yose bayimara bakikije Umukiza; nijoro bararaga aho hanze, ku manywa bakihatira kumva amagambo ya Yesu kandi bakanihatira kubona imirimo ye. Iminsi itatu ishize, ibyo kurya birashira. Yesu yanga kohereza iyo nteko y'abantu bashonje; niko gutegeka abigishwa be ngo babe ari bo babagaburira. Na none abigishwa bongera kugaragaza kutizera kwabo. Kubera imigisha ya Kristo, i Betsayida bari bamaze kubona uburyo agahamba kabo gato kahagije inteko nini y'abantu, nyamara ntibazana ibyo bari bafite byose, ngo bizere imbaraga ye yo gutubura ibiribwa, agahaza inteko y'abantu bose bashonje. Ntudukwiriye kwibagirwa ko i Betsaida abantu Yesu yahagije bari

abayuda, ubu bwo noneho bari abanyamahanga. Uko Abayuda bafataga abanyamahanga byari bikiri mu mitima y'abigishwa ba Yesu. Nuko basubiza Yesu bati : «Umuntu yabasha ate guhaza aba bantu imitsima, ko hano ari mu butayu, butagira abantu ?» Uko biri kose bumvira itegeko rye bamuzanira imitsima bari bafite yose; yari imitsima irindwi n'amafi abiri gusa. Iyo nteko y'abantu irahaga, maze hasigara ibitebo birindwi. Ibihumbi bine by'abagabo, utabariyemo abagore n'abana bahazwa batyo, maze Yesu arabasezerera, imitima yabo yuzuwemo ishimwe n'umunezero.

Nuko we n'abigishwa be, bikira mu bwato, bambuka inyanja bagana i Magadara, mu majyepfo y'i Genezareti. Ku mbibi z'i Tiro n'i Sidoni. Yesu yari yanejejwe n'ukwizera k'umugore w'Umusirofenisikazi. Abanyamahanga b'i Dekapoli nabo bari bamwakiranye umunezero. Agarutse i Galilaya aho imbaraga ze zerekaniye ibitangaje, akaba ariho yakoreye imirimo ye y'impuhwe, kandi akaba ariho yatangiye ibyigisho bye byinshi, ahasanga kutizera gukabije.

Intumwa z'abafarisayo zifataniye n'abahagarariye abasadukayo b'abakungu ndetse n'abategeka bari boherejwe aho hantu; abo basadukayo b'intavuguruzwa bari bagize umugabane umwe w'abatambyi bakaba bari bagize urwego rukuru rw'ubuyobozi mu gihugu. Ibyo bice uko ari bibiri byanganaga urunuka. Abasadukayo bashakaga icyubahiro n'isumbwe kugira ngo ubutegetsu bwabo bukomere. Abafarisayo bo kuko bari barambiwe gutsikamirwa n'ababanesheje bakwizaga rwihishwa urwango banga Abaroma. Nuko nubwo byari bimeze bityo abafarisayo n'abasadukayo, bibumbira hamwe ngo barwanye Yesu. Ibisa birasabirana, kandi ikibi aho cyaba kiri hose cyifatanya n'ikindi kibi, kugira ngo birimbure icyiza.

Nuko abafarisayo n'abasadukayo basanga Yesu, bamusaba ikimenyetso kivuye mu ijuru. Mu gihe cya Yosuwa ubwo abisiraeli barwaniraga n'abanyakanani i Betihoroni izuba ryarahagaze ku itegeko rya Yosuwa kugeza aho amaze gutsindira ababisha be. Ibitangaza byinshi bimeze bityo byagiye bigaruka mu mateka y'abisiraeli. Nuko basaba Yesu ikimenyetso kimeze gityo. Nyamara abayuda ntibari bakeneye ibitangaza nk'ibyo. Ibimenyetso bigaragarira amaso kuri bo nta

gaciro byari bifite. icyari kibakwiriye ntabwo kwari ukumurikira ubwenge bwabo, ahubwo ryari ihembura mu by'umwuka.

Yesu yarababwiye ati : “Muzi kugenzura ijuru uko risa;” bagenzuye uko ijuru riteye, bamenyaga uko igihe kimeze “ariko munanirwa kugenzura ibihe!” Amagambo ya Yesu afatanije n'imbaraga y'Umwuka wera wemezaga ibyaha, ni yo ubwayo yari ikimenyetso Imana yatangiye kubabera agakiza. Na none kandi ibimenyetso bivuye mu ijuru byari byarahamije umurimo wa Kristo: indirimbo y'abamaraika yumviswe n'abashumba, inyenyeri yayoboye abanyabwenge, inuma n'ijwi ryaturutse mu ijuru byerekana ko abatijwe.

Yesu asuhuza umutima cyane ati: “ab'iki gihe bashakira iki ikimenyetso ? “Ariko ntacyo bazahabwa keretse icya Yona.” Uko Yona yamaze iminsi itatu n'amajoro atatu mu nda y'urufi niko na Kristo yajyaga kumara igihe nk'icyo mu nda y'isi. Kandi nk'uko imyigishirize ya Yona yabereye ikimenyetso abaturage b'i Ninewe; niko n'ibyo byigisho bya Kristo byajyaga kubera ikimenyetso abo mu gihe cy'e. Ariko mbega ukuntu imyakirire y'ayo magambo yabanyeye! Abaturage b'uwo mudugudu b'abapagane bahinze umushyitsi bumvise umuburo uva ku Mana. Umwami n'ibikomangoma bicishije bugufi; abakuru n'abato batakambira Imana y'ijuru, barababarirwa. Yesu yaravuze ati: “Ab'i Ninewe bazahagurukana n'ab'iki gihe ku munsu w'amateka babatsindishe kuko bihannye bumvise kwigisha kwa Yona kandi dore uruta Yona ari hano².” Igitangaza cyose Yesu yakoraga cyabaga ari icyo guhamya ubumana bwe. Abayuda bari bazi imirimo yavuzwe izagaragaza Mesiya; ariko abafarisayo bo, babonaga imirimo ya Kristo y'impuhwe n'urukundo, bakayita igicumuro. Ntacyo imibabaro y'abantu yari ibwiye abatware bakuru b'ishyamba ry'abayuda, kuko igihe kinini igomwa ryabo n'ubugome ni byo byari nyirabayazana w'imibabaro y'abo Yesu yagendaga akiza. Mu yandi magambo ibyo bitangaza byaciragaho iteka imigenzereze yabo mibi.

Abayuda babujijwe kwemera umurimo w'Umukiza no gushaka kwemezwa n'ibimenyetso bigaragara bya kamere ye y'ubumana. Kuba ibitangaza bye byari bigiye kugirira neza abantu cyari igihamba gihagije. Ikimenyetso cy'uko inkomoko ye iva ku Mana, ni uko imico y'Imana yagaragariraga mu mibereho ye. Yakoraga imirimo y'Imana kandi akavuga amagambo yayo. Imibereho imeze ityo ni yo gitangaza gihatse ibindi.

Muri iki gihe, abantu benshi bameze nk'Abayuda, iyo ubagaragariye ubutumwa bw'ukuri barakubwira ngo : twereke ikimenyetso. Dukorere igitungaza. Kristo nta gitungaza na kimwe yakoreye abafarisayo. Kimwe n'uko ntacyo yigeze akorera satani igihe yamugeragezaga mu butayu. Ntabwo Imana itumenyesha imbaraga zayo kubwo kwihesha agaciro twebwe ubwacu, cyangwa gushimisha ibyifuzo byo kutizera n'ubwirasi. Nyamara ubutumwa ntibubuze ikimenyetso cy'uko bwaturutse ku Mana. Mbese gucika uburetwa bwa satani si igitungaza? Kwanga satani ntabwo biba mu mutima wa kamere muntu, ahubwo ubuntu bw'Imana ni bwo bubitera. Igihe cyose umuntu wabaswe n'ibitekerezo bihubuka, ahindutse umugwaneza akareherezwa kwegera Imana, icyo ni igitungaza kiba gikozwe muri we; igihe cyose umuntu avuye mu bibi, agashobora kumenya ukuri kubeshaho. Iyo umutima wihanyye ugakunda Imana kandi ugakomeza amategeko yayo, nibwo isezerano ry'Imana risohora ngo : “Nzabaha umutima mushya mbashyiremo n'umwuka mushya.”³ Uguhinduka k'umutima w'umuntu, guhinduka kw'imico ye, icyo ni igitungaza Umukiza uhoraho yigaragarizamo, akoresheje umurimo we ngo abohore imitima. Imibereho iri muri Kristo na yo ubwayo ni igitungaza. Dore igitungaza cyagombye guherekeza ubutumwa bwiza haba mu gihe cya none n'ikizaza. Umwuka wera asobanura ijamba ryose kugira ngo rihindure abaryumva. Uko niko Imana ihamiriza abo mu isi ubutumwa bw'Umwana wayo.

Abasabaga Yesu ikimenyetso bari barishoye cyane mu kutizera ku buryo bibakomereye gushishoza ngo bamenye isano y'ubumana iri mu mico ye. Ntabwo babonaga ko inshingano ye isobanura neza ibyahanuwe mu Byanditswe byera. Yesu abwira abafarisayo iby'umugani w'umutunzi n'umukene Lazaro, yarababwiye ati : “Nibatumvira Mose n'abahanuzi, ntibakwemera naho umuntu yazuka.”⁴ Ikimenyetso bahabwa kivuye mu ijuru cyangwa ku isi ntacyo cyabamarira.

“Yesu asuhuza umutima,” ahunga abo banyampaka abasiga aho yikira mu bwato ajyana n'abigishwa be. Bambuka inyanja batuje kandi bababaye. Ntibasubira aho bari baturutse ahubwo berekeza i Betsaida hafi y'aho yari yarahagirije abantu ibihumbi bitanu. Bageze hakurya Yesu arababwira ati : “Mwirinde umusemburo w'abafarisayo n'abasadukayo.” Uhereye mu gihe cya Mose, abayuda bari bafite akamenyero ko gukura umusemburo wose mu mazu mu minsi mikuru ya Pasika,

kuko bari barigishijwe kubona mu musemburo ikimenyetso cy'icyaha. Nyamara abigishwa ba Yesu ntibasobanukiwe n'icyo ababwiye. Igihe bavaga i Magadala bari birengagije kuzana imitsima ihagije. Nuko rero bibwiye ko Yesu arengereje kuri iyo mitsima basize, maze akaba ababuza kujya kugura imitsima yo kurya mu bafarisayo cyangwa se mu basadukayo. Ukutizera kwabo ndetse n'ukudashishoza iby'umwuka kwabo ni byo byababuzaga kenshi gusobanukirwa amagambo ya Yesu. Yesu yarabacyashye kubera kwibwira kwabo ko uwashoboraga kugaburira abantu ibihumbi byinshi yifashishije udufi duke n'udutsima duke yashoboraga kuba yabonye nibura ibyo kurya by'igihe gito muri uwo muburo we ukomeye. Ibitekerezo bihubuka bya gifarisayo na gisadukayo, byashoboraga kubabera umusemburo wo gushidikanya no kutizera, maze bikabatera gukerensa ibikorwa bya Kristo: aho niho akaga kari kari. Abigishwa bahoraga bibwira ko Umwigisha wabo yari kuba akoze neza, iyo aha abafarisayo ikimenyetso kivuye mu ijuru nk'uko bakimwakaga. Bizeraga ko yashobora gukora icyo gitangaza, bityo akaba acecekesheje abanzi be. Abigishwa ntabwo babonaga uburyarya bw'abo barwanyaga Yesu.

Mu mezi makeya yakurikiyeho, “abantu ibihumbi byinshi bateranira aho ari, ndetse bagera n'aho bakandagirana.” Ubwo nibwo Yesu yongeye gusubira mu cyigisho cye. Nuko abanza kubwira abigishwa be ati : “Mubanze mwirinde umusemburo w'abafarisayo, ni wo buryarya.”⁵

Umusemburo iyo ushyizwe mu mwariko w'ifu, ukora mu buryo butagaragarira amaso, irobe rya wo rirakura rikabyimba. Iyo uburyarya buhawe intebe mu mitima buhindanya imico ndetse n'imibereho. Ikimenyetso kigaragara ni uko Yesu yigeze gucyaha abafarisayo kubw'uburyarya bagira mu gutanga ituro ryitwa Korobani ryabemereraga kwirengagiza inshingano zo gufasha ababyeyi bitwaje ko ngo ari igikorwa cy'ubugiraneza mu rusengero. Abafarisayo n'abanditsi bashyiragaho amategeko y'uburiganya. Irari ryabo nyaryo barihishaga mu byigisho bigisha, maze bakifashisha umwanya barimo ngo ibyo bibwira babitsindagire mu babumva, bakoresheje ubuhanga bwimbitse. Ayo mategeko yakoreraga mu bayumva nk'umusemburo maze agahindura imico, izo nyigisho z'uburyarya ni zo zatumye rubanda rudashobora kwakira neza amagambo ya Kristo.

N'uyu muni, imbaraga imeze ityo iracyakorera mu basobanura amategeko y'Imana, bashaka kuyahuza n'imyifatire yabo. Abantu nk'abo ntibarwanya amategeko imbona nkubone, ahubwo barwanya amahame yayo mu busobanuro

bwabo batanga. Ubusobanuro bwabo bugendereye kwambura amategoko ubushobozi bwayo bwose.

Inarijye ni yo yari urufatiro rw’uburyarya bw’abafarisayo. icyari kibashishikaje cyari ikintu kimwe gusa: icyubahiro cyabo bwite, ni cyo cyabateraga gusobanura Ibyanditswe byera babigoreka, barahuma ntibamenya umugambi Yesu yari afite mu nshingano ye. icyo kibi cyajyaga no kwanduza abigishwa ba Kristo. Abari baremeye kujya mu mubare w’abigishwa ba Yesu basize byose, bajyaga bakururwa n’imitekerereze ya gifarisayo. Bahoraga badandabirana hagati yo kwizera no kutizera; ntibabashaga kurabukwa neza ubutunzi bw’ubwenge bwahishwe muri Kristo. Abigishwa ba Kristo bari barasize byose kubw’urukundo bakundaga Yesu, ku bigaragarira amaso ntabwo bari bararetse kugumana mu mitima yabo gukunda ibintu byababeshaga isumbwe. Ni yo mpamvu bahoranaga amakimbirane yo kumenya ukwiriye kuba mukuru muri bo uwo ari we. Ibyo byababereye urusika hagati yabo na Kristo, bituma batabasha guha umurimo we wo kwitanga icyubahiro maze ntibashobora gusobanukirwa neza ubwiru bwo gucungurwa. Iyo umuntu yemereye umusemburo gukorera muri we, bimutera kononekara, akabora; niko umwuka w’inarijye wagundiriwe cyane, wonona ubugingo ndetse ukaburimbuza.

Icyo cyaha gihutiraho kigashukana nicyo cyabaye gikwira mu bigishwa b’Umwami wacu muri iki gihe. Akenshi cyane umurimo dukorera Kristo, uteshwa agaciro n’ibanga ryo kwifuza gushimisha inarijye. Mbega ukuntu abantu bifuzaga kuratwa no guhabwa ikuzo n’abantu! Gukunda inarijye no kwifuza kunyura mu nzira yoroshye ihabanye n’iyo Imana yashyizeho ni byo bitera gushyiraho amategoko n’imigenzo by’abantu, babisimbujwe amategoko yashyizweho n’Imana. Ni iby’igiciro cyinshi kwibutsa abigishwa ubwabo amagambo yavuzwe n’Umwami Yesu ngo: “Mumenye mwirinde umusemburo w’abafarisayo.”

Idini ya Kristo iraboneye kandi irera. Ishyamba ryo kurwanirira icyubahiro cy’Imana: icyo ni igikorwa cy’Umwuka wera; igikorwa gikomeye cy’Umwuka wera gusa, ni cyo gishobora kubigeraho. Imbaraga y’Imana yonyine niyo ibasha gutsemba inarijye n’uburyarya mu mutima w’umuntu. Guhinduka kumeze gutyo ni ikimenyetso cy’igikorwa cy’Umwuka wera. Igihe kwizera duhabwa gutsembye

inarijye n’ubwirasi, igihe kwizera kuduteye gushakira Imana icyubahiro atari icyacu, ubwo nibwo dushobora kumenya neza ko kwizera ari ingenzi. “Data ubahiriza izina ryawe.”⁶ Uwo ni wo wari umwihariko w’ingenzi warangaga imibereho ya Yesu, natwe nitumukurikira, ni wo uzaba umwihariko w’ingenzi mu mibereho yacu. Dusabwa “Kugenda nk’uko yagendaga.” «Iki nicyo kitumenyesha ko tumuzi, ni uko twitondera amategeko ye.⁷»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 15:29-39; 16:1-12.

2. Matayo 12:40-41.

3. Ezekeieli 36:26.

4. Luka 16:31.

5. Luka 12:1.

6. Yohana 12:28.

7. 1 Yohana 2:6,3.

*** **

45. UKO UMUSARABA WEREKANYWE MBERE Y'IGIHE



Umurimo wa Kristo hano ku isi wari ugeze ku iherezo. Yesu yarebaga imbere ye nk'intangiriro igaragaza urukurikirane rw'amapica y'aho yaganaga. Ndetse na mbere yuko yambara ubumuntu yabanje kwitegereza inzira yose yagombaga kunyuramo kugira ngo akize icyari cyazimiye¹. Yitegereje intimba zizashengura umutima we, ibitutsi bazamuhundagazaho, inzira azihanganira; bityo byose byamunyujijwe imbere, mbere y'uko yiyambura ikamba n'umwambaro wa cyami ngo amanuke ku ngazi ziri imbere y'intebe y'ubwami maze ubumana bwe abwambike ubumuntu. Guhera mu kirugu ukagera i Karuvali, iyo nzira yose yashyizwe imbere y'amaso ye. Nta kintu na kimwe atari azi, nyamara yaravuze ati: “Dore ndaje, mu muzingo w'igitabo niko byanditswe kuri njye. Mana yanjye nishimira gukora iby'ukunda; ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye.”²

Mu mutima we ntiyahwemye gutekereza iherezo ry'umurimo we. Imibereho ye yo ku isi, nubwo yari yuzuyemo imiruhu n'imvune nyinshi, yari inejewe no kwiyumvisha ko umurimo we utazaba imfabusa. Mu gutanga ubugingo bwe ngo akize ubw'abantu yari agiye kubahesha kumvira Imana. Kubw'izo mpamvu yagombaga kubatizwa umubatizo w'amaraso; umutima we w'umuziranenge ukikorera umutwaro w'ibyaha by'abari mwisi; umwijima w'umubabaro utavugwa wajyaga kumugota; nyamara kubw'ibyishimo byamushyizwe imbere, azababarizwa ku musaraba ye kwita kw'isoni zawo.

Ibyamunyujijwe imbere, byari bigihishwe amaso y’abo yatoranyije ngo bajye bamufasha umurimo we, nyamara igihe cyari kigeze ngo bitegereze imibabaro ye. Uwo bari barakunze kandi bakamwiyegurira, bari bagiye kumubona ashyizwe mu maboko y’abanzi be, kandi akamanikwa ku musaraba i Karuvali. Bidatinze bagombaga guhangana n’isi nta byishimo bafite byo gukomezwa na we mu buryo bugaragara. Yari azi uburyo urwango rukaze ndetse no kutizera bizabakurikirana, maze yifuza kubategurira kuzahangana n’ibyo bigeragezo byabo.

Icyo gihe Yesu yari kumwe n’abigishwa be mu mudugudu wo mu ntara ya Kayisari wa Filipo. Bari hirya y’inkengero za Galilaya mu karere kabaswe no gusenga ibigirwamana. Aho ngaho nta mihango ya kiyuda yatsikaga abigishwa; ahubwo bari biteguye guhura n’imisengere ya gipagani. Ibyo babonaga imbere yabo byari uburyo bwose bw’imigenzo iboneka mu mpande zose z’isi. Yesu yashakaga ko mu kwitegereza ibyo byose biyumvamo inshingano bafite ku bapagani. Mu gihe yari muri ako karere yirinze uko bishoboka kose kwigisha rubanda kugira ngo arusheho kwita ku bigishwa be.

Yari hafi kubabwira iby’imibabaro yari imutegereje. Ariko abanza kubitarura gato, kugira ngo ku bw’amasengesho ye imitima yabo yitegure kwakira amagambo yari agiye kubabwira. Yongeye kubasanga, abanza kwifuza kubaha akanya ngo bahamye uburyo bamwizera; ngo abakomeze mu bigeragezo byari bibari imbere, Yesu yarababajije ati: «abantu bavuga ko Umwana w’umuntu ndi nde?»

Abigishwa bafite agahinda kenshi bibonera ukuntu Abisiraeli batamenye ko ariwe Mesiya. Mu by’ukuri abantu bamwe babonye ibitangaza bye bavuga ko ari mwene Dawidi. Ndetse inteko y’abantu yahagirije i Betsaida bari bashatse kumwimika ngo abe Umwami w’Isiraeli. Bamwe bari biteguye kumwakira nk’umuhanuzi, ariko ntibamwizeraga nka Mesiya.

Yesu yongera kubaza ikindi kibazo, ariko akibaza abigishwa be ati: “Ariko mwebwe ubwanyu mugira ngo ndi nde?” Petero aramusubiza ati: “Uri Kristo Umwana w’Imana ihoraho.” Uhereye mbere hose Petero yizeraga ko Yesu ari Mesiya. Abandi benshi, nubwo bari baremejwe n’inyigisho za Yohana umubatiza, nyuma bakemera Kristo, bari batangiye gushidikanya imirimo ya Yohana ubwo babonaga afunzwe akanicwa; noneho bashidikanya niba uwo Yesu ari we Mesiya

wategerejwe igihe kirekire. Benshi mu bigishwa bari barategereje bihanganye Yesu azima ingoma ya Dawidi, babonye ko atari wo mugambi we baramuta barigendera. Ariko Petero na bagenzi be bamubaho indahemuka.

Umutima utentebutse w’abamusingizaga mu gihe cyashize noneho wamuciragaho iteka, ntabwo yabujije kwizera umwigishwa nyakuri w’Umukiza. Nuko Petero arahamya ati: “Uri Kristo Umwana w’Imana ihoraho.” Ntabwo Petero yategereje ko Umwami we yambara imyambaro ya cyami y’icyubahiro; amwakira agicishijwe bugufi.

Petero yari yagaragaje kwizera kw’abo cumi na babiri. Abigishwa bari batarasobanukirwa neza umurimo wa Kristo. Nubwo urwango, ibinyoma, n’uburiganya by’abatambyi n’abakuru bitashoboye kuvana abigishwa kuri Kristo ariko byabahejeje mu gihirahiro. Ntabwo barebaga neza ibiri imbere yabo. Kwiganza kw’imbaraga by’imigenzo byababereye urusika rubabuza kwitegereza ukuri. Rimwe na rimwe imirasire y’umucyo w’agatangaza, yaturukaga kuri Yesu ikabamurikira; nubwo byari bimeze bityo, benshi bagenda mu mwijima bakabakaba. Mu gihe ikigeragezo gikomeye cyane cyari kigiye kugerageza kwizera kwabo. Umwuka yabajeho afite imbaraga. Mu gihe gito amaso yabo akurwa “ku bintu biboneka kugira ngo barebe ibitaboneka.”³ Bamenya icyubahiro cy’Umwana w’Imana, mu kwihindura umuntu kwe.

Yesu abwira Petero ati: “Urahirwa Simoni wa Yona kuko umubiri n’amaraso atari byo byabiguhishuriye, ahubwo ni Data wo mu ijuru.”

Ukuri kwahamijwe na Petero niko rufatiro rwo kwizera kwa buri mwizera. Uko kuri niko Kristo yakoresheje avuga ko ari we bugingo buhoraho. Ariko ntibikwiye ko kumenya uko kuri biba impamvu yo kwihimbaza. Ntabwo ubuhanga cyangwa ubwenge aribwo bwatumye Petero agera kuri uko kuri. Imbaraga za kimuntu ntizashobora na rimwe kwegeza ku gusobanukirwa iby’Imana. “Biri hejuru nk’ijuru wabigira ute? Biri hasi kuruta ikuzimu wabimenya ute?”⁴ Umwuka twahawe ho ingwate ni wo wonyine ushobora kurondora ibihishwe by’Imana. “Ibyo ijisho ritigeze kureba n’amatwi atigeze kumva ibitigeze kwinjira mu mutima w’umuntu» «Imana yabiduhishuriye kubw’Umwana wayo. Kuko Umwuka arondora byose ndetse n’amayoberane y’Imana.”⁵ “Ubwiru bw’Imana ni

ubw'abayubaha"; kuba Petero yari amenye icyubahiro cya Kristo bigaragaza yuko "yigishijwe n'Imana⁶" ni ukuri koko

"Urahirwa Simoni kuko inyama n'umubiri atari byo bibiguhishuriye"

Yesu arakomeza ati: "Nanjye ndavuze nti: uri Petero kandi kuri urwo rutare ni ho nzubaka itorero ryanjye kandi amarembo y'ikuzimu ntacyo azaritwara." Ijambo Petero risobanura akabuyenge. Petero rero si we Rutare itorero ryubatseho. Amarembo y'ikuzimu yamwikubiseho aramugusha igihe yihakanaga Umwami we akarahira yivuma. Itorero ryubatse k'Uwo amarembo y'ikuzimu atabasha guhangara.

Mu bihe byashize mbere yuko Umucunguzi aza, Mose yari yaravuze ibyo gucungurwa kwa Isirayeli. Umunyezaburi mu ndirimbo ye "yaririmbye igitare gikingira." Yesaya yanditse agira ati: "Uwiteka Nyiringabo aravuga ati: dore nshyize ibuye muri Siyoni ibuye rikomeza imfuruka, ibuye ryatoranijwe ry'igiciro ni urutare rushikamye."⁷ Petero ayobowe n'Umwuka wera avuga ku bya Yesu mu buhanuzi agira ati: "Niba mwarasogongeye mukamenya ko Umwami Uwiteka agira neza nimumwegere kuko ari we buye rizima ryanzwe n'abantu ariko ku Mana ryaratoranijwe riba iry'igiciro cyinshi. Kandi namwe mwubakwe nk'amabuye mazima kugira ngo mube inzu y'Umwuka."⁸

«Ntawe ukwiriye gushyiraho urundi rufatiro keretse urwashizweho, ni Yesu Kristo⁹» Yesu yaravuze ati: «Kuri urwo rutare ni ho nzubaka itorero ryanjye.» Imbere y'Imana n'imbere y'abamarayika bera n'imbere y'ingabo z'umwijima zitagaragara, Kristo yubatse itorero rye ku rutare rw'iteka. Urwo rutare ni we ubwe, umubiri we waradushenjaguriwe. Itorero ryubatswe kuri urwo rufatiro ntiritinyabaraga z'ikuzimu.

Itorero ryagaragaye rifite intege nkeya mu gihe Kristo yavugaga ayo magambo. Abizera bariho bari bake cyane barwana n'imbaraga y'icyaha, n'imbaraga z'abantu ndetse n'abadayimoni babibasiye; nyamara abigishwa ntibagombaga kugira ubwoba. Kuba bari bubatswe ku rutare rwabo rukingira ntibari gushobora kunyeganyezwa.

Mu myaka ibihumbi bitandatu kwizera kubatswe kuri Kristo. Mu gihe

kingana gityo imiyaga n’imiraba by’uburakari bwa satani byikubise ku rutare rw’agakiza kacu, nyamara ruhora rushikamye iteka.

Petero yari yarahamije ukuri kuzaba urufatiro rwo kwizera kw’itorero ryose, ni yo mpamvu Yesu yamwubashye nk’uhagarariye abizera bose. Yaramubwiye ati: “Nzaguha imfuguzo z’ubwami bw’ijuru kandi icyo uzahambira mu isi kizaba gihambiriwe mu ijuru: n’icyo uzahambura mu isi kizaba gihambuwe mu ijuru.”

Imfunguzo z’ubwami bwo mu ijuru “ ni amagambo ya Kristo. Amagambo yose y’Ibyanditswe byera ni aye kandi ari muri buriya busobanuro. Ayo magambo afite ubushobozi bwo gukinga no gukingura ijuru. Agaragaza uko abantu bakirwa cyangwa bagatabwa. Bityo rero, umurimo w’ababwiriza butumwa bw’Ijambo ry’Imana ni impumuro y’ubugingo itanga ubugingo cyangwa impumuro y’urupfu itanga urupfu. Inshingano yabo igeza ku ngaruka z’iteka.

Ntabwo ari Petero wenyine wahawe inshingano yo kubwiriza ubutumwa. Kuko nyuma Yesu yaje kongera gusubira muri ayo magambo yabwiye Petero, ariko ahita ayabwira itorero ryose. Amagambo nk’ayo yongeye kwibutswa intumwa cumi n’ebyiri zihagarariye abizera bose. Iyo Yesu aza kuba yaragize umwe mu bigishwa aha ubutware bwihariye ku bandi, ntabwo bari gukomeza gutongana bashaka kumeya umukuru uwo ari we. Bari guhita bemera ubutware bw’Umwigisha wabo maze bakubaha uwo yatoye akurikije ubushake bwe.

Adatoranije umwe mu ntumwa ze ngo amusumbishe abandi, Kristo yarababwiye ati: “Ariko mwebwe ho ntimukitwe Rabi Kandi ntimuzitwe abakuru kuko umukuru wanyu ari umwe, ari Kristo.¹⁰”

“Kristo ni we Mutware w’umuntu wese” Imana “yashyize ibintu byose muni y’ibirenge by’Umukiza” imugira “Umutware mukuru w’Itorero ni ryo mubiri we, byose byuzurira muri we na we ari muri byose¹¹.” Itorero ryubatswe kuri Kristo, rigomba kumwumvira nk’Umutware waryo ritishingikiriye ku muntu cyangwa ngo rigengwe na we. Benshi bibwira ko imyanya baba bafite mu itorero ibaha ubushobozi bwo gutegeka abantu ibyo bagomba kwizera no gukora. Imana ntabwo

ishyigikiye ibyo birariramo. Umucunguzi aravuga ati: “Mwese muri abavandimwe.” Abantu bose bashobora kugerwaho n’ibishuko no kwibeshya.

Ntidukwiriye kwishyira mu buyobozi bw’ikiremwa gishira. Igitare cyo kwizera ni ukwigaragaza nyakuri kwa Kristo mu itorerero. Kuri we niho umunyanteye nke akwiriye kwishingikiriza, kandi uwibwira ko akomeye azagaragara ko ari umunyanteye nkeya, niba imbaraga ze zidakomoka kuri Kristo. “Havumwe umuntu wiringira undi muntu akishimira amaboko ye.” “Umurimo w’icyo gitare uratunganye rwose,” hahirwa abamuhungiraho bose¹². Yesu amaze kumva ubuhamya bwa Petero, yabujije abigishwa be kugira uwo babwira ko ari Kristo. Kuba yarababujije biragaragaza ko abanditsi n’abafarisayo bamurwanyaga. Dukwiriye kongeraho kandi ko ari rubanda, ari abigishwa be, bose bari barigishijwe nabi ibya Mesiya, ku buryo gutangaza ku mugaragaro uwo mwanya w’icyubahiro bitari guhita bitanga igitekerezo nyakuri cy’imiterere ye n’icy’umurimo we. Ariko yajyaga abiyereka buri muni nk’Umukiza, kandi uko niko yashakaga kubaha ubusobanuro bw’ukuri bw’uko ari Mesiya.

Intumwa ze zahoraga zitegereje ko atwara nk’igikomangoma cy’icyo gihe. Bibwiraga ko nubwo igihe kinini yahishe umugambi we, atazakomeza kuba mu bukene iteka no kuba ahatagaragara, ko igihe cyegereje ngo afate ubwami bwe. Kuba abatambyi n’abanditsi baramwangaga urwango rudashira, kuba yaranzwe n’ishyanga rye bwite agacibwa urubanza nk’umushukanyi kandi akabambwa nk’umugome, ibyo bitekerezo ntibyigeze byinjira mu bwenge bw’abigishwa be. Nyamara igihe cy’umutware w’umwijima cyari cyegereje kandi byari ngombwa ko Yesu yereka abigishwa be urugamba rwari rubari imbere. Kuvuga iby’icyo kigeragezo byamuteraga agahinda.

Kugeza aha Yesu yari yaririnze kubabwira iby’imibabaro ye ndetse n’iby’urupfu rwe. Ni iby’ukuri ko mu kiganiro yaganiriye na Nikodemu yavuze ati: “Nk’uko Mose yamanitse inzoka ku giti mu butayu, niko n’Umwana w’umuntu akwiriye kumanikwa; kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho.”¹³ Ariko ntabwo intumwa ze zari zarumvise ayo magambo kandi niyo ziza kuyumva ntabwo zari kuyasobanukirwa. Ubu bwo babanye na Yesu, bumva amagambo ye, bitegereza imico ye, noneho bashobora bafatanyaga n’ubuhamya bwa Petero bati: “Uri Kristo Umwana w’Imana ihoraho.” Nubwo yicishije bugufi ahamuzengurutse hose kandi akangwa n’abatambyi ndetse na rubanda, igihe cyari kigeze inyegamo yabakingirizaga iby’ahazaza igakurwaho. “Yesu atangira ubwo

yereka abigishwa be ko ari ngombwa ko ajya i Yerusalemu kuhababarizwa uburyo bwose n’abakuru n’abatambyi bakuru n’abanditsi akicirwayo kandi akazuka ku muni wa gatatu.”

Intumwa zamwumvaga zicecetse mu gahinda kenshi kandi zumiwe. Kristo yari amaze kwemera ubuhamya bwa Petero bugaragaza uburyo ari Umwana w’Imana; noneho ibyerekeranye n’imibabaro ye n’iby’urupfu rwe byabagaragariraga nk’ibitumvikana. Petero ntiyabashije kubyihanganira ngo aceceke. Ntiyakundaga kureba umusaraba mu murimo wa Kristo. Nuko nk’ushaka kumwarura mu rupfu asingira Umwigisha we maze aravuga ati: “Biragatsindwa, Mwami ibyo ntibikakubeho na hato.”

Petero yakundaga Umwami we, nyamara Yesu ntiyamushimira ko agaragaje icyifuzo cye cyo kumurinda umubabaro. Amagambo ya Petero ntabwo yari ayo gukomeza Yesu ndetse no kumuhumuriza ku bw’ikigeragezo cyari kimurindiriye. Yari abusanye n’umugambi w’ubuntu bw’Imana ifitiye isi yacumuye, kandi binyuranye n’icyitegererezo cyo kwitanga Yesu yatanze, ayo magambo yashakaga kwinjiza mu bwenge bw’abigishwa be igitekerezo gihabanye n’ibyo Kristo yifuzaga kugeza ku mitima yabo maze Umukiza amucyaha n’amagambo akakaye atari yarigeze asohoka mu kanwa ke agira ati: “Subira inyuma satani; umbereye igisitaza kuko ibyo utekereza atari iby’Imana, ahubwo utekereza iby’abantu”

Satani yashakaga guca Yesu intege no kumubuza umurimo we wari wamuzanye; mu rukundo rwe ruhumye, Petero yumvikanisha ijwi ry’umushukanyi. Umutware w’umwijima niwe wari umutsindagiyemo icyo gitekerezo. Iryo rarika rihubukiwe ryari rikomotse k’urimuteyemo. Mu butayu Satani yari yahaye Yesu ubutware bwose bw’isi iyo yemera akanga guca mu nzira yo kwicisha bugufi no kuba igitambo. None icyo kigeragezo yari akigaruye akinyujije mu ntumwa ya Kristo. Satani yateye Petero guhanga amaso ku by’isi kugira ngo atabona umusaraba uwo Kristo yashakaga guhanga amaso. Satani yifashishije Petero yongera gusubiza Yesu mu bishuko. Nyamara umucunguzi yari yitaye ku mwigishwa we, ntiyita kuri icyo kigeragezo. Satani yahagaze hagati ya Petero n’Umwigisha we kugira ngo abuze uwo mwigishwa gusobanukirwa n’iyerekwa ryo gucishwa bugufi Yesu arimo kumubabarizwa. Yesu ntabwo yacyashye Petero

ahubwo yacyashye uwabageragezaga ngo atandukanye umwigishwa n'Umucunguzi we, ati: "subira inyuma yanjye satani" Rekeramaho kuja hagati yanjye n'umugaragu wanjye warorongotanye. Reka turebane na Petero, kugira ngo muhishurire ubwiru bw'urukundo rwanjye.

Buhoro buhoro Petero abona gusobanukirwa n'uko kuri gusharira. Inzira Kristo yanyuzemo hano ku isi yanyuraga mu mibabaro no kwicisha bugufi, kandi iyo ntumwa yatinyaga gusangira na Yesu iyo mibabaro ye. Itanura ryaka umuriro ni ryo rizamwemeza ko bafatanyaga umusaraba. Hanyuma y'ibyo ubwo umubiri we wari umaze kunanirwa n'inyuma myinshi y'umuruho yaranditse ati: "Bakundwa mwe gutangazwa n'ikome ryohabagerageza riri hagati yanyu, ngo mumere nk'abagushije ishyamba. Ahubwo munezewe n'uko mufatanije imibabaro ya Kristo, kugira ngo muzanezerwe mwishime bihebuje, ubwo ubwiza bwe buzahishurwa."¹⁴ Yesu asobanurira intumwa ze ko ubuzima bwe bwo kwitanga ari icyitegererezo baherewe kubereka inzira bakwiriye kunyuramo. Ahamagarira abantu bari kure kumusanga we n'abigishwa be, yarababwiye ati: "Ushaka kunkurikira yiyange yikorere umusaraba we ankurikire." Umusaraba w'umubabaro mu Baroma, cyari igikoresheye cy'urupfu rubabaza kandi rw'urukoza soni, abagome ruhara, bategekwe kwiyikorera umusaraba bakawugeza aho bahamirwa, iyo bawushyiraga ku bitugu byabo barinyugushuraga bakanga kuwikorera, ariko bakawikorera ku gahato kandi bababazwa. Yesu yarariye intumwa ze kwikorera umusaraba zibikunze maze zikamukurikira. Amagambo ye nubwo yumviswe gahoro yumvishaga abigishwa ko bari bagiyeye kunyura mu nzira yo gucishwa bugufi cyane bakemera gupfa kubw'urukundo bakunda Kristo. Amagambo y'Umukiza yasobanuraga kwitanga rwose. Ibyo byose Yesu yari yarabyemeye ku bwabo. Ntabwo yishakirye kuguma mu ijuru igihe cyose twari tuzimye. Ibikari byo mu ijuru yari yarabiguranye ubuzima bw'urukoza soni n'ibitutsi ibyo byose bikazasozwa n'urupfu rubi. Uwari utunze ubutunze bwose bwo mu ijuru yari yarahindutse umutindi, kugira ngo ubukene bwe budutungishe. Dukwiriye kunyura mu nzira yanyuzemo.

Gukunda imitima Kristo yapfiriye, ni ukubamba inarirye. Umwana w'Imana agomba kubona ko ari kimwe mu bigize umurunga wavuye mu ijuru ukaza gukiza isi no kwiyumva ko ari umwe na Kristo mu nama ye y'imbabazi, gufatanyaga nawe gushyamba icyazimye. Umukristo agomba kwibuka buri gihe ko yerejwe Uwitewe kandi ko imico ye ikwiriye guhishurira ab'isi Kristo. Kubamba inarirye,

impuhwe n’urukundo byerekaniwe mu buzima bwa Kristo bikwiriye kongera kuboneka mu buzima bw’umukozi w’Imana.

“Ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura, ariko ubura ubugingo bwe ku bwanjye azabubona.” Inarijye ni urupfu. Nta rugingo rushobora kubaho ubwarwo rwonyine. Umutima uretse kohereza amaraso mu kuboko cyangwa mu mutwe bidatinze nawo wabura imbaraga. Nk’uko amaraso aduha ubugingo niko n’urukundo rwa Yesu rukwira mu ngingo zigize umubiri we. Turi ingingo za bagenzi bacu kandi urugingo rudafatanyaga n’izindi ruba rwiyeje gupfa, “kandi umuntu byamumarira iki gutunga isi yose niyakwa ubugingo bwe? Cyangwa umuntu yatanga iki gucungura ubugingo bwe?” Niko Yesu yabajije.

Hirya y’ubukene no gucishwa bugufi by’igihe cya none, Yesu yereka abigishwa be kugaruka kwe mu cyubahiro, ubwo azagaruka atambaye icyubahiro cy’ubwiza bw’ubwami bw’isi, ahubwo yambaye ubwiza bwa Se n’ubw’abamaraika. Maze aravuga ati: “Ubwo nibwo azagororera umuntu wese ibihwanye n’ibyo yakozwe” noneho kugira ngo abakomeze, abaha iri sezerano ngo: “ndababwira ukuri yuko muri aba bahagaze hano harimo bamwe batazapfa kugeza ubwo bazabona Umwana w’umuntu aziye mu bwami bwe.” Ariko intumwa ntizasobanukirwa. Icyubahiro babonaga kibari kure. Amaso yabo bari bayahanze ku biri hafi, kuri ubu buzima bwo ku isi mu bukene, gucishwa bugufi n’imibabaro. Koko se bareka ibyiringiro byabo by’ubwami bwa Mesiya? Mbese koko ntibazabona Umwami yicaye ku ntebe ya sekuruza Dawidi? Birashoboka se koko ko Kristo akwiriye kuba mu buzima bworoheje nk’inzererezi asuzuguwe, akangwa ndetse akicwa? Umubabaro ushugura imitima yabo kuko bakundaga Umwigisha.

Ubwenge bwabo bumazwe no gushidikanya bananirwa gusobanukirwa n’uburyo Umwana w’Imana yaba igishungero kugeza aho. Bibaza ukuntu azajya i Yerusaremu ku bushake bwe ngo ahababarizwe iyo mibabaro yose. Ni buryo ki yakwemera ibintu nk’ibyo maze akabasiga mu mwijima wicura burindi uruta uwo bari barimo mbere yo kumumenya.?

I Kayisariya mu bwatsi bwa Filipino, Kristo yari kure ya Herode ndetse na Kayafa, uko niko intumwa zibwiraga. Nta mpamvu zo gutinya urwango

rw'Abayuda cyangwa abatware b'abaroma. Kuki atakorera aho kure y'abafarisayo ? Kuki yakwishyira urupfu ? Niba agomba gupfa ubwami bwe bwazakomera bute ku buryo amarembo y'ikuzimu atazabutembagaza ? Iryo ryari ibanga rikomeye ku ntumwa ze.

Bagendaga iruhande rw'inyanja y'i Galilaya berekeza mu murwa aho ibyiringiro byabo byari bigiye kuyoyokera. Batinya kugira icyo babaza Yesu, n'agahinda bagenda bongorerana babazanya ibyerekeranye n'ahazaza. Uko biri kose bakomeza ibyiringiro byabo ko ahari haboneka impamvu yatuma icyo cyago cyugarije Umwami wabo cyeyuka. Iminsi itandatu yose yashize bari mu gahinda, no gushidikanya, n'ibyiringiro bafite ubwoba.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 16:13-28; Mariko 8:27-38; Luka 9:18-27.
2. Zaburi 40:7-9.
3. 2 Abakorinto 4:18.
4. Yobu 11:8.
5. 1 Abakorinto 2:9,10.
6. Zaburi 25:14; Yohana 6:45.
7. Gutegeka kwa kabiri 32:4; Zaburi 62:8; Yesaya 28:16.
8. 1 Petero 2:3-5.
9. 1 Abakorinto 3:11.
10. Matayo 23:8,10.
11. 1 Abakorinto 11:3; Abefeso 1:22,23.
12. Yeremiya 17:5; Gutegeka kwa kabiri 32:4; Zaburi 2:12.
13. Yohana 3:14,15.
14. 1 Petero 4:12,13.

46. ARABAGIRANA



Umugoroba wari wegereje ubwo Yesu yahamagaraga batatu mu bigishwa be, aribo Petero, Yakobo na Yohana; maze abanyuza mu kayira gahanamye, abajyana mu ibanga ry'umusozi ridatuwe. Umukiza n'abigishwa be, bari biriwe bigisha, maze kuzamuka umusozi bibongerera kunanirwa. Kristo yari amaze korohereza no kuruhura abantu barembejwe n'imitwari y'uburyo bwo; ari iyo mu by'umwuka cyangwa se mu by'umubiri no kugarura ubuyanja mu mubiri uciye intege. Nyamara kuko yari yambaye umubiri nkatwe, yasangiraga umunaniro n'abigishwa be.

Umucyo w'izuba ry'ikirenganga, wari ukiri ku mpinga y'uwo musozi, imirasire ya kiberinka imurikira inzira banyuragamo. Ariko buhoro buhoro umucyo ushira ku musozi nk'uko wari washize mu bibaya, bidatinze izuba rirarenga abagenzi bari bonyine bagotwa n'umwijima w'ijoro. Ako kabwibwi kivanga n'umubabaro ndetse n'umunaniro biyumvaga.

Abigishwa ntibatinyuka kubaza Kristo aho ajya cyangwa umugambi afite. Igihe kinini yararaga ijoro asengera ku musozi. Uwabumbabumbye imisozi, akaringaniza ibibaya yanezezwa nuko ari mu byaremwe, agashimishwa n'umutuzo wabyo. Abigishwa bakurikira Kristo ariko bibaza igituma Umwigisha wabo abategeje urugendo ruvunanye, bakazamuka bananiwe kandi na we ubwe akeneye kuruhuka.

Bigeze aho Kristo ababwira kudakomeza kujya kure. Yigiye imbere gato uwo munyamibabaro azamuka intimba ze hejuru n'ijwi riranga abogoza amarira. Asaba imbaraga zo kumubashisha kwihanganira ikigeragezo cyo gukiza abari mu isi. Yumva yongeye gukeneye imbaraga Ishobora byose, yo yonyine yamubashisha kwitegereza ahazaza. Asabira abigishwa be ngo kwizera kwabo kutazacogora ubwo

igihe cy'umutware w'umwijima kizaba kigeze. Ikime cyinshi kimutondaho aho yari apfukamye, ariko ntiyabyitaho. Umwijima w'ijoro uramukikiza ariko ntiyita ku bwinshi bwawo. Amasaha akomeza guhita buhoro buhoro. Bwa mbere abigishwa babanje kwifatanya na we maze amasengesho yabo agahuza n'aye; ariko buhoro buhoro bagenda bacogora, bagerageza kwihendahenda ariko biba iby'ubusa, niko gufatwa n'ibitotsi. Yesu yababwiye iby'imibabaro ye: yari yabajyanye kugira ngo abongere ku masengesho ye; muri icyo gihe yarimo abasabira. Umukiza yari yabonye agahinda k'abigishwa be, kandi yifuzaga kubahumuriza mu mubabaro wabo abaha ibyiringiro kugira ngo bumve ko kwizera kwabo atari imfabusa. Abigishwa cumi na babiri siko bose bari biteguye kwakira iyerekwa yifuzaga kubahishurira. Abatatu muri bo bajyaga kuba abahamya b'imibabaro y'i Getsemani, ni bo yatoranije kugira ngo bamuherekeze kuri uwo musozi. Icyo Yesu yifuzaga kwari ukugira ngo abahishurire ubwiza yari afite akiri kuri Se isi itari yaremwa; kugira ngo ubwami bwe buhishurwe mu maso y'abantu n'abigishwa be bakomezwe no kuba babibonye. Asabira kugira ngo babashe kureba ukwigaragaza k'ubumana bwe kuko ari byo byajyaga kubakomeza mu gihe cy'umubabaro we ukomeye; bikabaha icyizere ko ari Umwana w'Imana, kandi ko urupfu rwe ruteye isoni ruri mu nama yo gucungura abari mu isi.

Gusenga kwe kurumvwa. Agipfukamye wenyine kuri ubwo butaka bw'umusenyi, muri ako kanya inzugi z'izahabu z'umurwa w'Imana zirakinguka; ubwiza burabagirana buzenguruka umusozi wose, bumurika ku Mukiza. Ubumana buturuka imbere, buhinguranya ubumuntu buhura n'icyubahiro kivuye mu ijuru. Maze Kristo wari upfukamye ahaguruka mu cyubahiro cy'ubumana. Gushenguka k'umutima we kurashira. Noneho mu maso he harabagirana nk'izuba, imyenda ye yera nk'umucyo¹.

Abigishwa barakanguka, bitegereza ubwiza bugose uwo musozi. Bafatwa n'ubwoba kandi barumirwa, batangazwa n'ishusho irabagirana y'Umwigisha wabo. Igihe amaso yabo amaze kumenyera umucyo w'agatangaza udasanze, babona Yesu atari wenyine. Ibiremwa bibiri bivuye mu ijuru byari kumwe na we, baganira nk'inshuti. Umwe yari Mose wajyaga aganira n'Imana kuri Sinaï kera; na Eliya wagize amahirwe adasanze yo kudaca iryera urupfu.

Hari hashize ibinyejana cumi na bitanu, Mose ubwo yari mu mpiga ya Pisiga yitegereza igihugu cy'isezerano. Kubera igicumuro cye cy'i Meriba ntiyemererwa

kujyayo. Ntabwo yagombaga kunezezwa no kuyobora ingabo z'abisiraeli ngo azigeze muri gakondo ya ba sekuruza. Yasabanye ubwira agira ati : « Ndakwinginze emera ko nambuka nkareba igihugu cyiza kiri hakurya ya Yorodani, iriya misozi myiza na Lebanoni.²» Ntiyabyemererwa. Kwizera kwe yari amaranye imyaka mirongo ine, kwamumurikiye mu mwijima wo mu rugendo rwe rwo mu butayu, kwaragwabijwe. Igituro cyo mu butayu ni cyo cyabaye iherezo ry'imyaka ye y'imvune n'imiraho. Ariko « Ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbabazi zayo ziri³» yasubije amasengesho y'umugaragu wayo mu bundi buryo. Nubwo Mose yumvise ubusharire bw'urupfu, ntiyaheze mu gituro. Kristo ubwe ni we wamuzuye. Satani umushukanyi yaburanye umurambo wa Mose yibukiriza icyaha cye, ariko Kristo Umukiza amuvana mu mva⁴.

Noneho Mose ahagarara ku musozi ngo abe umuhamya w'ugutsinda kwa Kristo, anesha icyaha n'urupfu. Yari aho ngaho ahagarariye abazasohoka mu bituro, ubwo abakiranutsi bazazuka. Eliya wajyanywe mu ijuru adapfuye, yari ahari ahagarariye abazasangwa ku isi ari bazima, ubwo Yesu azaba agarutse, maze "bagahindurwa mu kanya gato nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'Uwiteka izavuga, maze uyu mubiri upfa ukambikwa kudapfa, n'uyu mubiri ubora ukambikwa kutabora.⁵" Yesu yari yambaye umucyo w'ijuru, asa nk'uko azaba ameze igihe azagaruka ubwa kabiri atazanywe no kwitambira ibyaha, ahubwo azaniye agakiza abamutegereje." Kuko "azaza afite ubwiza bwa Se n'ubw'abamaraika.⁶" Uko niko isezerano yasezeraniye abigishwa be ryasohoye. Ubwami bw'icyubahiro bw'ahazaza bwerekanirwa ku musozi mu ipica ntoya : Kristo ari Umwami, Mose ashushanya abera bazutse, naho Eliya we agereranya abera bazahindurwa.

Abigishwa ntabwo basobanukiwe n'iyi pica; bari bakinejewe no kubona Umwigisha wabo wihangana cyane, woroheje cyane, wicisha bugufi cyane, uzerera hirya no hino nk'umwimukira yubashywe n'abatowe n'ijuru. Bakeka ko Eliya azanywe no gutangaza ingoma ya Mesiya kandi ko ubwami bwa Kristo bugiye kwima ku isi. Bari biteguye kwivanamo by'iteka ryose ibitekerezo by'ubwoba no kumwara. Bifuza kwigumira aho icyubahiro cy'Imana cyagaragariye. Petero atera hejuru ati : "Mwami ni byiza ubwo turi hano : nushaka ndaca ingando eshatu hano,

imwe yawe, indi ya Mose, n’indi ya Eliya.” Abigishwa bibwiraga ko Mose na Eliya boherejwe kurinda umutware wabo no gushimangira ubutware bwe bwa cyami.

Nyamara umusaraba ugomba kubanziriza ikamba. Ntabwo baganiraga ibyo kwimikwa kwa Kristo, ahubwo iby’urupfu rwe yendaga gupfira i Yerusalemu, ni byo baganirizaga Yesu. Mu ntege nke za kimuntu, yikoreye umutwari w’umubabaro ndetse n’ibyaha, Yesu yagendagenda wenyine mu bantu. Abonye umwijima w’ibigeragezo umusatiriyeye, agirira irungu muri iyi si itaramumenyaga. Ndetse n’abigishwa be bari magara ntunsige, buzuwemo no gushidikanya n’imibabaro n’ubwirasi bwabo; ntibasobanukiwe n’umugambi w’umurimo we.

Nyuma yo kuba mu rukundo n’umusabano by’ijuru, asigara ari wenyine mu isi yiremeye. Ubu rero ijuru ryari ryohereje Yesu intumwa zaryo ; ntabwo bari abamaraika, ahubwo bari abantu bari barihanganiye imibabaro n’imiruho, ku buryo bashoboraga kwihanganisha Umukiza mu bigeragezo by’imibereho ye ya hano ku isi. Mose na Eliya bari barakoranye na Kristo. Bari barafatanije na we icyifuzo cyeye gukorera gukiza abantu. Mose yari yarasabiye abisiraeli agira ati : “Ariko wakwemera kubabarira icyaha cya bo, byaba byiza ; ariko nutabyemera, mpanagura unkure mu gitabo wanditse.” Eliya nawe yari yarahuye n’ubwigunge ubwo imyaka itatu n’igice yose yangwaga n’ab’ishyanga rye, agasangira na ryo amakuba ya ryo. Ku musozi wa Karumeli yahagaze mu ruhande rw’Imana wenyine. Ari wenyine afite agahinda kandi yihebye, yahungiyeye mu butayu. Abo bantu batoranijwe barutishwa abamaraika bagose intebe y’ubwami, baganiraga na Yesu iby’imibabaro ye kandi bamukomeza, bamwumvisha ko ijuru ryose ryifatanyije na we. Ibyiringiro by’ab’isi n’agakiza ka buri muntu: ibyo ni byo byari intego y’ikiganiro cyabo.

Abigishwa, kuko bari baremerewe n’ibitotsi, bumvise agace gato gusa k’amagambo Kristo yaganiriyeye n’intumwa zivuye mu ijuru. Kubera kwirengagiza kuba maso no gusenga, ntibabashije kwakira ibyo Imana yari yagambiriyeye kubaha: kumenya imibabaro ya Kristo n’ubwiza buzakurikiraho. Bivutsa batyo imigisha bagombaga guhabwa iyo bemera gufatanya na we kwiyanga. Mbega ukuntu abigishwa bari batinze kwizera! Mbega ukuntu batashimishwaga n’ubutunzi ijuru ryashakaga kubaha ngo bakungahare!

Nyamara ariko bahawe umucyo mwinshi. Basobanukiwe neza ko ijuru ryose ryamenye icyaha cy’ishyanga ry’Abayuda: ko ryanze Kristo. Abigishwa bashoboye gucengera cyane mu murimo w’Umucunguzi. Amaso yabo arahweza

n'amatwi yabo yiyumvira ibintu bidashobora kumvwa n'umuntu. Biboneye Uwituka n'amaso yabo⁸, bityo bemezwa ko Kristo ari Mesiya w'ukuri wemerwa n'ijuru, uwo abakurambere n'abahanuzi bahamije.

Nuko bacyitegereza ibyo bibera ku musozi “ igicu kirabakingiriza ijwi rikivugiramo riti: “Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira mumwumvire.” Abigishwa bamaze kwirebera umucyo w'igicu cy'ubwiza buruta ubw'icyaherekezaga umuryango w'abisiraeli mu butayu: kandi bamaze kwiyumvira ijwi ry'icyubahiro cy'Imana ryanyeganyeje umusozi, bikubita hasi bubamye. Bakomeza gupfukama bipfutse mu maso, kugeza ubwo Yesu yabasanze akabakoraho, abamara ubwoba bari bafite, bumvise ijwi rye bari bamenyerereye, ribabwira riti : «Nimuhaguruke mwitinya.» Batinyuka kurambura amaso, babona bwa bwiza bw'ijuru bwigendeye. Mose na Eliya nabo bari bagiye. Bari basigaye ku musozi bonyine bari kumwe na Yesu.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 17:1-8; Mariko 9:2-8 Luka 9:28-36.
2. Gutegeka kwa kabiri 3:25.
3. Abefeso 3:20.
4. Yuda 9.
5. 1 Abakorinto 15:51-53.
6. Abaheburayo 9:28; Mariko 8:38.
7. Kuva 32:32.
8. 2 Petero 1:16.

*** **

47. UMURIMO



Yesu n’abo bari kumwe bari baraye ku musozi, izuba rirashe baramanuka bajya mu kibaya¹. Abigishwa buzuwemo n’ibitekerezo byinshi, bakomeza kugira ubwoba kandi batuje. Na Petero ubwe ntiyabona icyo avuga. Bari kwigumira aho hantu hejejwe n’umushyikirano w’umucyo

w’ijuru babikunze, kandi akaba ariho Umwana w’Imana yerekaniye icyubahiro cye; ariko hari umurimo wari usigaye bagombaga gukorera abantu, dore ko bashakashakaga impande zose.

Inteko nini yari iteraniye munsu y’umusozo abigishwa bari basigaye ni bo babayoboye, kuko bari bazi aho Yesu ajya kwiherera. Ubwo bari bagiye kuhagera Yesu ateguka abigishwa be batatu kutavugaga ibyo babonye. Yarababwiye ati:

“Ntihakagire umuntu mubwira ibyo mweretswe, kugeza aho Umwana w’umuntu azazukira.” Abigishwa bagombaga gutekereza mu mitima yabo iyerekwaga bahawe, ariko ntibagombaga kubishyira ahabona. Mu kubibwira abantu, byari kuba ibishungero cyangwa amatsiko atagize icyo amaze. N’abigishwa icyenda bari basigaye bari gusobanukirwaga ibyo byabaye ari uko Yesu amaze kuzuka. Ndetse na batatu bagize amahirwe yo kubibona, nabo batinze kubisobanukirwaga kuko nubwo Yesu yabigishije byinshi ku bimutegereje, bagendaga babazanya ubwabo icyo kuzuka mu bapfuye ari cyo. Nyamara ntabwo babajije Yesu ubusobanuro. Amagambo yari yamaze kubabwira yerekeranye n’ahazaza yari yamaze kubatera agahinda; ntibashakaga guhishurirwaga ibizaba kuko babonaga ari nk’ibidashoboka.

Abantu bari mu kibaya, bagikubita Yesu amaso biruka bamusanga, bamwakiraga icyubahiro n’umunezero. Ijisho rye ricengera rihita ribona umubabaro bari bafite. Abigishwa basaga n’abafite ubwoba; hari icyari kimaze kuba cyabateye umubabaro mwinshi ndetse no kumwara.

Igihe bari bari munsu y'umusozi hari umugabo wari wabazaniye umuhungu we kugira ngo bamukize dayimoni utavuga wamumereraga nabi cyane. Igihe Yesu yari yabohereje i Galilaya kwigisha, yari yabahaye ubushobozi bwo kwirukana imyuka mibi; kuko abigishwa bari bajyanye kwizera kutajegajega, abadayimoni barabumvira. Ariko ubu bwo nubwo bategetse uyu mwuka mubi mu izina rya Kristo ngo amuvemo, dayimoni yarabasetse, ndetse agaragaza imbaraga ye ikomeye. Bananiwe gusobanura impamvu batsinzwe, bibwira ko bo na Kristo basuzuguwe. Abanditsi bari muri iryo teraniro baboneraho akanya ko kubamwaza, barabegera babahata ibibazo, bashaka kubemeza ko bo na Shebuja ari ababeshyi. Abigishamategako bavugaga babishima hejuru ko babonye umwuka mubi Kristo n'abigishwa be badashobora kwirukana. Abantu bari hafi yo kujya mu mugabane w'abanditsi; ndetse bidatinze iyo nteko igira umutima wo gukerensa no kunyega.

Mu kanya, ibirego byose birahagarara. Babona Yesu n'abigishwa be batatu baza babagana, maze inteko yose yari ikiri mu gihirahiro, igenda ibegera. Kuko ijoro ryose bari bagiranye umushyikirano n'ubwiza bw'ijuru, Umukiza n'abo bari kumwe bari bakirangwaho ibisigisigi byabwo. Mu maso habo hagaragazaga umucyo utuma abari aho bagira ubwoba. Abanditsi bikura bahinda umushyitsi mu gihe iyo nteko yifurizaga Yesu ikaze.

Kuko Umukiza yari azi ibyabaye atambuka agana ku rugamba, amaso ayahanze ku banditsi; niko kubabaza ati : «Mwa bagishaga impaka z'ibiki?»

Ako kanya amajwi yamunyangaga, ahita aceceka. Bose bari batuje. Nuko umubyeyi wari ubabaye, anyura mu bantu yatanyaga maze yikubita ku birenge bya Yesu, amubwira ingorane ze n'akababaro ke.

Aramubwira ati : « Mwigisha nkuzaniye umwana wanjye utewe na dayimoni utavugaga, aho amusanze hose iyo amufashe amuturaga hasi,... nabwiye abigishwa bawe ngo bamwirukane, ntibabishobora. »

Yesu yitegereza iyo nteko ibabaye, n'abanditsi birata, n'abigishwa buzuye agahinda. Abona gushidikanya kuri mu mitima yose, maze n'ijwi ryuje umubabaro, aravugaga ati : « Yemwe bantu b'iki gihe batizera, nzageza he kubana namwe ?

Nzabihanganira kugeza ryari ? » Nuko ahindukirira uwo mubyeyi ubabaye aramubwira ati : « Nimumunzanire. »

Nuko uwo musore baramuzana, maze igihe amaso y’Umukiza ahuye n’aye, dayimoni amutura hasi aramuniga. Yigaragura hasi abimba ifuro kandi aboroga bitari ibya kimuntu.

Na none kandi Igikomangoma gitanga ubugingo n’umutware w’umwijima bari basakiraniye ku rugamba, Kristo agomba gusohozza umurimo we, « wo kubwira imfungwa ko zibohowe, ... no kubohora ibisenzegeri²», Satani na we akagumisha mu butware bwe imfungwa ye. Abamaraika b’umucyo ndetse n’ingabo z’abamalayika babi, begera kureba urwo rugamba batagaragara. Yesu yemera ko uwo mwuka mubi ugaragaza imbaraga zawo akanya gato, kugira ngo abantu bose babashe kwitegereza agakiza kari kagiye kwigaragaza.

Inteko isuhuza umutima, maze iritegereza. Mu mutima w’uwo mubyeyi harimo ibyiringiro n’ubwoba. Yesu aramubaza ati : « Yafashwe ryari ? » Nuko uwo mubyeyi avuga imyaka myinshi y’umubabaro, maze kuko yari ababaye, atakibasha kwiyumanganya, aramwinginga ati : « Niba ubishobora tugirire imbabazi, udutabare. » « Niba ubishobora... » Nanone muri icyo gihe uwo mubyeyi yari agishidikanya ubushobozi bwa Kristo.

Yesu aramusubiza ati : « Byose bishobokera uwizeye. » Kuri Kristo, imbaraga si ikibuze; gukira kwakomokaga ku kwizera k’umubyeyi. Abogoza amarira agaragaza intege nke ze, uwo mubyeyi asaba Yesu imbabazi muri aya magambo ngo : « ndizeye ! Nkiza kutizera. »

Yesu ahindukirira iyo ndembe, arayibwira ati : « Yewe dayimoni utavuga kandi utumva, ndagutegetse, muvemo, ntukamugarukemo ukundi. » Habaho urusaku n’intambara ikaze. Daimoni mu kumuvamo asa n’ushaka kumwica. Umwana asa n’upfuye. Iyo inteko y’abantu itangira kuvuga iti : “Arapfuye.” Ariko Yesu amufata ukuboko aramuhagurutsa ahagarara ari muzima; Yesu amuha umubyeyi we. Nuko uwo mubyeyi n’umwana batera hejuru bahimbaza Umukiza wabo. Nuko iyo nteko y’abantu iterwa ubwoba n’«icyubahiro cy’Imana,» mu gihe abanditsi bayembayembye bamwaye, no mu maso yabo bafite ipfunwe.

“Niba ubishobora, tugirire imbabazi, udutabare » Ni imitima ingana iki iremerewe n’imitwaro y’ibyaha yagiye isubira muri iryo sengesho! Ku bantu bose bameze batyo, Umukiza abasubizanya impuhwe nyinshi ati : “byose bishobokera uwizeye.” Kwizera niko kudukuhiza n’ijuru kandi kukatuzanira imbaraga zihagije zo gutsinda umutware w’umwijima. Imana ibinyujije muri Kristo iduha uburyo bwo gutsinda icyaha cyose no kunesha ibigeragezo bikomeye. Ariko abantu benshi biyumvamo ko babuze kwizera, kandi bagahunga Kristo. Iyo mitima yatsinzwe no kumva ko idashyitse, yari ikwiye kwiyegeurira ubuntu bw’Umukiza wuje imbabazi. Abameze batyo, aho kwirebaho ubwabo nibarebe kuri Kristo. Uwahoze agendagenda mu bantu akiza abarwayi, kandi yirukana abadaimoni, n’uyu muni nabwo aracyari Umucunguzi ufite imbaraga. Kwizera kuzanwa n’Ijambo ry’Imana. Nimugundire iri sezerano ngo : “Uza aho ndi sinzamwirukana na hato.”³ Ngaho nimwikubite ku birenge by’Umukiza muvuga muti : “Ndizeye! Nkiza kutizera.” Igihe cyose muzagenza mutyo ntabwo muzarimbuka, haba na gato.

Mu gihe cy’akanya gato abigishwa bagize amahirwe yo kwitegereza ubwiza bw’icyubahiro cy’ijuru ndetse no gucishwa bugufi : ubumuntu burabagiranirwamo n’ishusho y’Imana noneho bwononekaye busatira ishusho ya satani. Yesu uwo waganiraga n’intumwa zivuye mu ijuru, ari ku musozi, ndetse ijwi rikava mu mucyo urabagirana rigahamya ko ari Umwana w’Imana, bamubonye ubwo yari amanutse ahagaze imbere y’ikintu giteye agahinda kandi kibabaje; ni ukuvuga umwana wahindanye, uhekenya amenyo, warembejwe n’ibisazi bikabije asamba, mbese nta mbaraga nimwe ya kimuntu yabasha kumuhumuriza. Nuko uwo Mucunguzi w’icyubahiro n’imbaraga, wari umaze kurabagiranira imbere y’amaso y’abigishwa be, mu kanya gato kari kamaze gushira, yunamishwa no kwegura uwo satani yarimo agaragura hasi, maze amubizaza umubiri muzima n’umwuka mwiza kandi amuha umubyezi we, na we amubizaza mu rugo.

Iki gitekerezo cyabereyeho gusobanura umurimo wo gucungura; ni ukuvuga ngo ikizima cy’ijuru kirabagirana ubwiza bwa Data wa twese cyemera guca bugufi ngo gikize uwari wazimiye. Na none kandi byajyaga gufasha abigishwa kumva inshingano yabo. Abakozi ba Kristo ntabwo bararikirwa kwibera mu mpinga y’umusozo bari kumwe na Yesu mu iyerekwa gusa. Umurimo bagomba gukora urabategereje muni y’umusozo. Imitima satani yagize imbata, itegereje ijamba ry’ibyiringiro no gusenga kuzababatura.

Abigishwa icyenda bari bakibazanya agahinda impamvu z’ugutsindwa kwabo; nuko Yesu asigaranye na bo bonyine gusa, baramubaza bati : “Ni iki gitumye twebwe tutashoboye kumwirukana?” Yesu arabasubiza ati : “Ni ukwizera kwanyu guke. Ndababwira ukuri ko mwaba mufite kwizera kwaba kungana n’akabuto ka Sinapi, mwabwira uyu musozi muti : Va hano ujye hirya, wahava, kandi nta kizabananira. Ariko bene uwo ntavanwamo n’ikindi keretse gusenga no kwiwiriza ubusa. » Kutizera kwababuzaga gusobanukirwa neza Kristo, no kwirengagiza bagiraga mu gusohozza umurimo wera bari bahawe: nizo mpamvu zatumye batsindwa mu rugamba rwabo barwanya imbaraga z’umwijima.

Amagambo Kristo yakoresheje abamenyesha iby’urupfu rwe yabateye agahinda no gushidikanya. Na none kandi gutoranywa kw’abigishwa batatu bazamukanye na Yesu ku musozi kwateye abandi icyenda basigaye ishyari. Aho gukomeresha kwizera kwabo amashengesho no kuganira ku magambo ya Kristo, basigara bihugiyeho bibaza iby’ugucika intege kwabo ndetse n’imvune bifitiye ubwabo. Ni mu ntege nke nk’izo bahanganiyemo na satani.

Kugira ngo bashobore gutsinda, bagombaga kuja ku murimo bafite undi mutima utari uwo. Kwizera kwabo kwari gukeneye gukomezwa n’amasengesho y’ubudasiba, biherekejwe no kwiwiriza ubusa ndetse no kwicisha bugufi ko mu mutima. Ibyari bibakwiriye kwari ukwiyambura byose maze bakuzura Umwuka n’imbaraga y’Imana. Mu gusengana umwete no kwihanganira mu kwizera ; ni ukuvuga kwizera kugengwa n’Imana, ndetse no kwitanga mu murimo wayo utizigamye, niho honyine abantu bashobora kubonera ubutabazi bw’Umwuka wera, kugira ngo « barwanye abatware n’abafite ubushobozi n’abatega iyi si y’umwijima, n’imyuka mibi y’ahantu ho mu ijuru. »


« Mwaba mufite kwizera kungana n’akabuto ka Sinapi, mwabwira uyu musozi muti : va hano ujye hirya », wahava. Nubwo akabuto ka sinapi ari gato cyane, gafite muri ko ibanga ry’ubuzima, rituma kabyara ibiti by’inganza marumbo. Iyo akabuto ka sinapi gatewe mu butaka, ako kabuto gato, gasangamo ibigomba kugatunga nk’uko Imana yabigennye, maze bidatinze kagakura ku buryo butangaje. Iyaba mwari mufite kwizera kumeze gutyo, mwagundira Ijambo ry’Imana maze mugakoresha uburyo bwose Imana yabahaye. Kwizera kwanyu kumaze gushikama, kwazabatera kwizera ubutabazi bw’imbaraga zivuye mu ijuru. Inzitizi satani

arundanya mu nzira munyuramo zimeze nk'imisozi ihoraho itabasha kurengwa, zizavanwaho n'ishengesho ryo kwizera kwanyu. « Nta kizabananira. »

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 17:9-21; Mariko 9:9-29; Luka 9 :37-45.
2. Luka 4 :18.
3. Yohana 6 :37.

*** **

48. UMUKURU NI NDE?



Asubiye i Kaperinaumu ntabwo yongeye gusubira ahantu yajyaga yigishiriza ku mugaragaro, ahubwo ari kumwe n'abigishwa be ajya gushakira icumbi mu nzu yajyaga kuruhukiramo igihe gito. Mu gihe yari ashigaje kumara i Galilaya, yifuzaga kwita ku kwigisha abigishwa be, mu cyimbo cyo gukorera mu iteraniro ry'abantu benshi¹.

Kristo ari mu nzira yerekeye i Galilaya, yihatiraga kongera gutezura bushyashya imitima y'abigishwa be kubera ibyendaga kubaho. Abasobanurira ko agiye i Yerusalemu kugira ngo yicirweyo maze akazuka. Arongera ababwira ubuhanuzi bubabaje: ko yari agiye kugambanirwa maze agatangwa mu maboko y'abanzi be. Ubwo nabwo intumwa ze ntizabisobanukirwa. Nubwo bari bijimishijwe n'agahinda gakomeye, umwuka w'ubushyamirane wari ukiri mu mitima yabo. Bajyaga impaka zo kumenya muri bo uzaba uw'imbere mu bwami. Bashatse guhisha Yesu impagarara zabo aho kumuguma iruhande nk'uko bari basanzwe, bisigaza inyuma ku buryo yaje kubasiga ubwo yinjiraga i Kaperinawumu. Yesu wasomaga ibitekerezo byabo, yashakaga kubaha inama n'inyigisho ze. Ariko ategereza igihe gituje ubwo imitima yabo yari kuba ikinguriwe kwakira amagambo ye.

Bari bamaze akanya gato binjiye mu murwa ubwo uwakiraga imisoro y'urusengero yegeraga Petero akamubaza ati : « Mbese umwigisha wanyu ntatanga Idadarakama ? » Uyu musoro ntabwo wari uwa Leta, ahubwo wari umusanzu w'idini. Umuyuda wese yagombaga gusora rimwe mu mwaka kugira ngo urusengero rubonezwe. Kudatanga uyu musoro byagaragaraga ko ari ugucumurira urusengero, ikintu abigishamategeko bahaniraga bikomeye. Inyifato y'Umukiza ku byerekeranye n'amategeko y'abigishamategeko n'uburyo yacyashye bikomeye

abakomeza imigenzo byahaga urwitwazo abamuregaga, bakavuga ko agambiriye gusenyi umurimo wo mu rusengero. Ubwo rero abanzi be bari babonye akanya ko kumutesha agaciro. Bajya gushaka uwabibafashamo, nicyo cyatumye bitwaza uwakira imisoro y'urusengero.

Ikibazo cy'umusoresha cyerekanaga ko Kristo atitaye ku bikorerwa mu rusengero; Petero ntiyarebereye : maze kubera ishyamba yari afitiye Shebuja, ahubukira gusubiza atabanje kubaza Yesu, avuga ko umusoro ugomba gutangwa.

Nyamara Petero ntiyari asobanukiwe umugambi w'ubajije. Inzego zimwe z'abantu zasonerwaga uwo umusoro. Mu bihe bya Mose ubwo Abalewi begurirwaga umurimo w'ubuturo bwera, nta gakondo bahawe nk'iyindi miryango yose. « Nicyo gituma abalewi batagira umugabane cyangwa gakondo muri bene wabo; Uwitwaga ni we gakondo yabo.²» Mu gihe cya Kristo, abatambyi n'abalewi bari bakibabwira ko bashinzwe imirimo yo mu rusengero; ntibagombaga gusabwa uwo musoro wa buri mwaka. Abahanuzi nabo bari barasonerwaga uwo musoro. Guhatira Yesu gutanga uwo musoro, byari ukutita ku burenganzira bwe bwo kuba Umuhanuzi n'Umwigisha ; ahubwo agafatwa nk'umuntu usanzwe. Iyo yanga gutanga uwo musoro yajyaga kubabwira nk'umuntu utitaye ku mirimo ikorwa mu rusengero ; na none kandi kuwutanga byajyaga guhamya impamvu zituma batemera Yesu nk'umuhanuzi.

Mbere ho gato, Petero yari yahamije ko Yesu ari Umwana w'Imana, ariko noneho yari ananiwe gushyira ahabona imico ya Shebuja. Igisubizo yahaye umusoresha ngo Yesu agomba gutanga umusoro, cyasaga n'igihamije igitekerezo abatambyi n'abakuru bagaragaze gukwirakwiza ku byerekeye Yesu.

Yesu atagize icyo avugaga ku bimaze kuba, abonye Petero yinjiye mu nzu, aramubaza ati : « Utekereza ute Simoni ? Ni bande abami bo mu isi baka imisoro cyangwa ikoro ? Ni abana babo cyangwa ni rubanda ? » Petero aramusubiza ati : « Ni rubanda ». Yesu aramubwira ati : « Nuko rero abana bo bibereye mu mudendezo. » Abaturage b'igihugu basorera umwami wabo, ariko abana be bo ntibasorera. Abisiraeli bigishaga ko ari ubwoko bw'Imana, ko bari ku murimo wayo; ubwo rero Yesu nk'Umwana w'Imana, itegeko ryo gusorera ntiriyamurebaga.

Niba abatambyi n'abalewi bari barasonewe kubera imirimo bakorera mu rusengero byarushaho kumera bite k'uwo urusengero ari inzu ya Se.

Iyo Yesu aza gutanga umusoro atagize icyo abivugaho, yari kuba ashimangiye ariya magambo y'ikirego, akaba avugurujye ubumana bwe. Ariko nubwo yari yemeye ibyo bamusabye, yahakanye uburenganzira bwo kumusoresha. Mu gutanga umusoro w'urusengero atanga ubuhamya bwa kamere ye y'ubumana. Agaragaza atyo ko ari umwe na Se, kandi ko kubera izo mpamvu adakwiriye gutanga uwo musoro usabwa abayoboze bose b'umwami.

Abwira Petero ati : « jya ku nyanja, ujugunyemo ururobo, ifi uribubanze gufata, uyende, uyasamure urasangamo Sitateri uyijyane uyibahe ku bwanjye no ku bwawe. »

Nubwo ubumana bwe bwari bwambitswe ubumuntu, iki gitangaza kigaragaza icyubahiro cye. Uko biri kose yari wa wundi wavugiye kera mu kanwa ka Dawidi ati : « kuko inyamaswa zose zo mu ishyamba ari izanjye, n'inka z'ibirarashyamba zo ku misozi igihumbi. Nzi inyoni n'ibisiga byose byo ku misozi, inyamaswa zose zo mu ishyamba ni izanjye. Iyaba ngira inzara, sinakubwira kuko isi n'ibiyuzuye ari ibyanjye.³ »

Nubwo Yesu yari amaze gusobanura ko nta burenganzira bwo kumusoresha, yanga kujya impaka n'abayuda kuri ibyo; yari azi ko bazasobanura amagambo ye nabi, kandi bakayifashisha kugira ngo bamurege. Kugira ngo yirinde kuba ikigusha, yemera gukora ibyo amategeko atamuhatiraga. Iri somo ryajyaga kuzaba icy'igiciro kinini ku bigishwa. Bidatinze ibifitanye isano n'imirimo y'urusengero byari bigiye guhinduka; mu gihe bitaraba Kristo abaha inama yo kutigira abarwanya gahunda, bitari ngombwa. Uko bishoboka kose abigishwa bagombaga kwirinda gutanga impamvu yatuma kwizera kwabo guhinyurwa. Nta kuri na guke kwirengagijwe, abakristo bagomba kwirinda impaka uko bishoboka kose.

Igihe Petero yari yagiye ku nyanja, Yesu asigaranye n'abandi bigishwa mu nzu, arababaza ati : « Icyo mwahoze mugira impaka mukiri mu nzira ni iki ? » Kuba Yesu ari aho n'ikibazo ababajije, bibatera kubona ibintu mu buryo bushya. Bakorwa n'isoni kuko bumvise bavumbuwe, baraceceka. Yesu yari yababwiye ko agiye

kubapfira, icyifuzo cyabo cyo kwikunda cyari gihabanye cyane n’urukundo rwe rwo kwitanga.

Mu kubabwira iby’urupfu rwe no kuzuka kwe, Yesu yihatiraga kwerekeza ikiganiro cy’abigishwa be ku kigeragezo gikomeye cyari kibarindiriye. Iyo bagaragaza ko biteguye kumva ibyo ababwira, baba baririnze ibibazanira agahinda gashobora kubatera kwiheba. Yari kubaganirira amagambo yo kubahumuriza mu gihe cyo kwigomwa ndetse no mu gihe cy’akayubi. Ariko nubwo yari yamaze kubabwira ibyerekeranye n’ibigiye kumubaho, kandi akabasobanurira ko ari bugufi kuja i Yerusalemu, bo bakomeje kwiringira ko ubwami bwe bugiye guhita bushingwa. Ibyo ni byo byabateraga kuja impaka ngo bamenye abazaba mu myanya y’imbere. Petero agarutse avuye ku nyanja, abigishwa bamugezaho ikibazo Umukiza yababajije, ndetse umwe muri bo arihandagaza abaza Yesu ati : « Umukuru mu bwami bwo mu ijuru ninde ? »

Nuko Umukiza ahamagara abigishwa baramwegera, maze arababwira ati : «Umuntu ushaka kuba uw’imbere, nabe uw’inyuma ya bose, ndetse abe umugaragu wa bose. » Aya magambo yavuganywe ijwi ritangaje rikomeye, ariko abigishwa ntibari bakayasobanukirwa. Ntibashoboraga kwitegereza ibyo Kristo abona. Kutamenya no kudasobanukirwa kamere nyakuri y’ubwami bwa Kristo, ni byo byari nyirabayazana w’impaka zabo. Ariko mu by’ukuri hari indi mpamvu yimbitse yari ihari. Yesu, akoresheje ikiganiro gisobanutse kuri kamere y’ubwami bwe, yari gushobora gucecekesha impaka zabo by’akanya gato; ariko impamvu nyakuri yari kuba igumyeho. Nubwo bari kuba bigishijwe neza cyane, ikibazo cyo kugira umwanya wa mbere cyajyaga kongera kubutsa impaka zabo. Ibyo byajyaga gukurikirwa n’akaga gakomeye mu itorero, Yesu amaze gusubira mu ijuru. Kurwanira umwanya wa mbere byaturukaga kuri wa mutima wateye intambara ikomeye mbere na mbere mu ijuru ari yo yatumye biba ngombwa ko Kristo aza mu isi, akanapfa. Muri ako kanya mu maso ha Yesu haza iyerekwa. Abona Lusiferi « ariwe mwana w’umuseke. » Wari ugoswe n’icyubahiro kiruta icy’abamaraika bose bagose intebe y’Imana, agifataniye n’Umwana w’Imana kubw’umurunga w’urukundo. Lusiferi yaravuze ati : « Nzaba nk’Isumbabyose.⁴ » Iryo rari ry’icyubahiro ni ryo ryateye intambara mu bikari byo mu ijuru ; kandi nibyo byatumye abamaraika benshi bahoze mu ngabo z’Imana bacibwa. Niba koko Lusiferi yarifuzaga kumera nk’Isumba byose, ntabwo yari kuva mu mwanya yari

yarahawe mu ijuru ; kuko umutima w'Isumbabyose ugaragarira mu murimo wo kwiyanga. Lusiferi yararikiye ubushobozi bw'Imana ariko ntiyifuza imico ya yo. Yashakaga umwanya wa mbere ngo awikubire; nuko rero umuntu wese ufite umutima nk'uwe azakora nka we. Ikizakurikiraho ni urwango, amacakubiri n'intambara. icyo gihe ubutware buba ubw'umunyambaraga. Ubwami bwa satani ni ubw'igitugu. Aho buri muntu abona umuturanyi we nk'inzitizi mu kujya mbere kwe cyangwa akamubera icyo yifashisha ngo ajye ejuru.

Mu gihe Lusiferi yabonaga kureshya n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, Kristo we nubwo yashyizwe hejuru cyane « yisiga ubusa, ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu, yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.⁵ » Noneho umusaraba wari umuhagaze imbere; nyamara abigishwa be bari bacyuzuwemo n'inarijye kandi ari yo mahame y'urufatiro rw'ingoma ya satani ibyo ni byo byatumaga badashobora guhuza n'Umukiza haba no kugira ngo bumve gucishwa bugufi yari agiye kugira ku bwabo.

Yesu, akoresheje urukundo rwinshi kandi adahata, yihatira kurandura icyo kibi. Yerekana amahame ateguka ijuru ayo ari yo; akaba ariyo bukuru nyakuri, nkuko urugero rwo mu bikari byo mu ijuru ruri. Abuzuwemo n'umutima wo kwishyira hejuru, n'icyifuzo cyo kwibonekeza baba bashishikajwe n'inyungu zabo bwite, n'ibihembo bazabona, mu cyimbo cyo kugaragaza uko bashimira Imana kubw'ibyiza ibagirira. Abameze batyo nta mugabane bafite mu bwami bwo mu ijuru, kuko barwana bari mu ngabo za satani.

Kwicisha bugufi bibanziriza icyubahiro. Kugira ngo umuntu abone umwanya wo hejuru mu maso y'abantu, ijuru ritoranya umukozi umeze nka Yohana Umubatiza, wemera gufata umwanya uciye bugufi imbere y'Imana. Umwigishwa urushaho kumera nk'umwana muto, ni we mukozi w'ingenzi mu murimo w'Imana. Ubwenge bwo mu ijuru bwiteguye gukorana n'umuntu ushaka gukiza imitima, si umuntu ushaka kuruta abandi. Umuntu uwo ari we wese wumva akeneye ubufasha bw'Imana azasengera kubuhabwa; kandi Umwuka wera azamuha imicyo akuye kuri Yesu, izamukomeza kandi izakuza umutima we. Amaze gusabana rwise na Kristo azajya gukorera abarimbuka bazize ibyaha byabo. Amaze kwezwa kubw'inshingano n'umurimo we, azatsindira aho abandi bamurusha ubwenge n'ubuhanga batsindiwe.

Iyo abantu buzuwemo n'ubwirasi, bakiyumvisha ko bakenewe, mu gutsinda k'umugambi ukomeye w'Imana, abameze batyo Uwiteka abashyira ku ruhande. Bityo Imana ikagaragaza ko atari bo ikeneye. Aho kugira ngo umurimo uhagarikwe n'uko bagiye, umurimo urushaho gukuza amajyambere ufite imbaraga.

Ntabwo byari bihagije ko abigishwa bigishwa ibyerekeranye n'imiterere y'ubwami. icyari kibakwiriyeye ni uguhinduka k'umutima kuzababashisha guhamanya n'amahame y'ubwo bwami. Yesu, ahamagara umwana muto, amuhagarika hagati muri bo, maze amuhoberana impuhwe nyinshi, aravuga ati :

« Nimudahinduka ngo mumere nk'abana bato, ntabwo muzinjira mu bwami bwo mu ijuru. » Kugwa neza no kutiyitaho n'urukundo rwiringira rw'umwana muto, ni yo mico ishimwa n'ijuru. Nibwo bukuru bushimwa.

Yesu yongera kwereka abigishwa be ko ubwami bwe butagaragazwa n'ibyubahiro by'abantu n'umudamararo. Umuntu wicaye ku birenge bya Yesu, ntatinda kwibagirwa ibyo byose. Abakire n'abakene, abanyabwenge n'abaswa, bese bafataniriza hamwe batitaye ku cyubahiro cyangwa inzego zabo. Bose bateranira hamwe kuko bacungujwe amaraso, kandi bakumva ko babeshejweho n'uwabacunguriye kuba ab'Imana.

Umutima wuje ukuri kandi umenetse mu maso y'Imana ni uw'igicro cyinshi. Imana ititaye ku rwego rw'umuntu, ku butunzi cyangwa ikigero cy'ubwenge, ishyira ikimenyetso ku bantu babaye umwe na Kristo. Umwami w'icyubahiro yemera abagira neza kandi boroheje mu mutima. Dawidi yaravuze ati : « Kandi wampaye ingabo inkingira... Ubugwaneza bwawe bwanteye ikuzo. » Nubwo mfite umutima wa kimuntu, «urankomeza.⁶»

Yesu arakomeza ati : « Uwemera umwe muri aba bato nk'uyu mu izina ryanjye, ni njye aba yemeye, kandi unyemera si njye aba yemeye gusa ; ahubwo aba yemeye n'Uwantumye . » Uwiteka aravuga ati : « Ijuru ni intebe yanjye, isi na yo ni intebe y'ibirenge byanjye. ... Ariko uwo nitaho ni umukene ufite umutima umenetse, agahindishwa umushyitsi n'Ijambo ryanjye.⁷»

Amagambo y'Umukiza yatumye abigishwa batongera kwiyingira bo ubwabo. Nubwo nta muntu n'umwe yasaga naho abwiye ku giti cye, Yohana yahise yibaza niba ibyo yakoze wenyine ari byiza. Yicishije bugufi nk'umwana, niko kumubaza ati : »Mwigisha twabonye umuntu wirukana abadayimoni mu izina ryawe turamubuza kuko adasanze adukurikira. »

Mu gucyaha uwo muntu, Yakobo na Yohana bibwiraga ko barwana ishyamba ry'Umwami wabo; ariko noneho bari bamaze kumenya ko ari icyubahiro cyabo bwite barwanagaho. Bamenya ikosa ryabo bemera gucyahwa; Yesu abibabwira muri aya magambo ati : « Ntimumubuza kuko umuntu ukora igitangaza mu izina ryanjye, atabasha kunsebya bitamurujije. » Ntabwo byari bikwiriye ko bacyaha umuntu uhamya urukundo afitiye Kristo. Hariho benshi bari baratangajwe cyane n'imico n'imirimu bya Kristo; maze kubwo kwizera imitima yugururirwa Kristo. Abigishwa kuko badashobora kumenya ibihishwe byo mu mutima, bari bakwiriye kwirinda guca intege abameze batyo. Igihe Yesu yajyaga kuba abakuwemo, asize umurimo we mu maboko yabo, bagombaga kwikuramo umutima wo kwikunda no kwikanyiza, ahubwo bakagaragaza umutima wagutse, uwo babonanaga Umwigisha wabo.

Kuba umuntu adahuza natwe mu ntekerezo zacu zose n'ibyo twibwirira, ntabwo aribyo bidutegeka kumubuza gukorera Imana. Kristo ni we Mwigisha wacu mukuru ; umurimo wacu ntabwo ari uwo guca imanza cyangwa gutegeka, ahubwo ni uwo kwicara ku birenge bya Yesu, twicishije bugufi, tukemera kwigishwa na we. Umutima wose Imana irarikira kumvira ubushake bwayo, ushobora kuba igikoreshe kiboneye cyo kwerekana urukundo rwa Kristo ubabarira. Mbega ukuntu twari dukwiriye kuba maso kugira ngo tudaca intege utwaye umucyo uva ku Mana kugira ngo iyo mirasire ibone uko imurikira abo ku isi !

Kugaragaza ubukana cyangwa kutita ku mutima ugana Kristo; mbese nk'ibyo Yohana yagaragaje igihe yabuzaga umuntu gukora ibitangaza mu izina rya Yesu Kristo; bishobora kugira ingaruka yo kohera uwo muntu mu nzira y'umubi, ndetse bikaba byashobora kumurimbuza. Ibyo bikwiriye kwirindwa uko biri kose, kuko Kristo avuga iby'abagusha abandi yagize ati : « Ibyiza ni uko yahambirwa urusyo mu ijosi, akarohwa mu nyanja ». Maze Yesu yongera kuvuga ati : « Ukuboko kwawe ni kugucumuza, uguce, ibyiza ni uko wakwinjira mu bugingo usigaranye ukuboko kumwe, kuruta ko wajya muri Gehinomu y'umuriro ufite amaboko yombi.

N'ikirenge cyawe nikigucumuza, ugice, ibyiza ni uko wakwinjira mu bugingo usigaranye ikirenge kimwe, biruta ko wajugunywa muri gehinomu ufite ibirenge byombi. »

Kuki imvugo imeze ityo ikomeye ? « Kuko Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye.⁸ » Mbese abigishwa baba bitaye ku mitima ya bagenzi babo nk'uko Igikomangoma cy'ijuru cyabikoraga ? Buri muntu wese yaguzwe ikiguzi kitagira akagero, kuyobya umuntu umuvana kuri Kristo, gukora ku buryo urukundo rw'Umukiza, gucishwa bugufi kwe ndetse n'urupfu rwe biba impfabusa, ni icyaha gikomeye cyane.

« Isi izaboneshwa ishyano n'ibigusha abantu ! Kuko ibyo bigusha bitazabura kuza. » Ab'isi bakorerwamo na satani, barwanya abigishwa ba Kristo, ndetse bakihatira gutsemba kwizera kwabo, ibyo dukwiriye kubyitega; ariko hazabona ishyano ukora ibisa bityo yitwaje izina rya Kristo. Umwami wacu akozwa isoni n'abantu bagaragaza imico ye uko itari, bakayobora abantu benshi mu nzira z'ibinyoma.

Akamenyero kose n'imikorere yose biganisha umuntu mu cyaha, bikwiriye kurekwa uko byagenda kose, kugira ngo Kristo ye gukozwa isoni. Imigisha iva mu ijuru ntabwo izahabwa umuntu wica amahame y'iteka yo gukiranuka. Gushyonyagiza icyaha kimwe gusa, birahagije konona imico kandi bikayobya n'abandi bantu. Niba dutinya guca ikirenge cyangwa ikiganza yemwe n'ijisho kugira ngo umubiri udapfa, mbega ukuntu twari dukwiriye kwamaganira kure icyaha cyica ubugingo.

Mu muhango wo gutamba bashyiraga umunyu kuri buri gitambo. Ibyo kimwe n'umubavu watambwaga byari bifite umugambi wo kwigisha ko gukiranuka kwa Kristo konyine ariko gushobora kunezeza Imana. Yesu yari arengereje kuri uyu muhango igihe yavugaga ati: « Buri muntu wese azasabwa n'umuriro. » « Mwebwe mugire umunyu mu mutima wanyu, kandi mubane amahoro. » Mbese natwe turashaka gutanga imibiri yacu « ngo ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana ? ⁹ » Dukwiye kwakira umunyu w'agakiza, ni wo gukiranuka k'Umukiza wacu. Ubwo nibwo umuntu aba abaye « umunyu w'isi¹⁰, » akamagana ikibi mu bantu

nk'uko umunyu urinda kubora. Ariko iyo umunyu ukayutse, iyo hari ukwigisha gukiranuka nta rukundo rwa Kristo, ntacyo bimaze.

Nta mbaraga y'agakiza byageza ku bo mu isi. Kristo yaravuze ati : nimushaka kubaka ubwami bwanjye, mukwiriye kwakira Umwuka wanjye. Nimushaka kuba impumuro y'ubugingo itanga ubugingo, muhinduke abasangiye ubuntu bwanjye. Bityo, nta makimbirane azaboneka, nta kwishakira inyungu z'umuntu ku giti cye, nta no kwifuza kubona umwanya w'imbere kuzabaho. Muzuzuzwa urukundo rutishakira ibyarwo, ahubwo rwita ku bandi.

Umunyabyaha wihana nahange amaso « Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi.¹¹» Namuhanga amaso azahinduka. Ubwoba buzasimburwa n'umunezero n'ibyiringiro bisimbure gushidikanya. Gushima Imana kuziyongera. Umutima ukomeye nk'ibuye uzamenagurwa. Umutima uzasenderezwa urukundo, Kristo azawubera isoko y'amazi adudubiza kugeza ku bugingo bw'iteka. Iyo twitegereje Yesu umunyamibabaro wamenyerereye intimba ukorera gukiza abantu bazimiye, wasuzuguwe akagirwa igishungero, agahahanwa mu mijyi yose kugeza arangiza umurimo we, iyo tumwitegereje ari i Getsemane abira ibyuya by'amaraso, ndetse agapfira ku musaraba; iyo tubonye ibyo byose, inarijye irarekwa. Nitwitegereza Yesu tuzagira isoni zo kuba turi akazuyaze, no kuba intebyi ndetse tuzagira isoni z'inarijye yacu. Tuzemera kuba icyo ari cyo cyose cyangwa kutagira icyo tuba cyo, dupfa gusa gushobora gukorera Umwami wacu n'umutima wacu wose. Tuzanezezwa no kwikorera umusaraba ngo dukurikire Yesu no kwihanganira ibigeragezo n'urubwa ndetse n'akarengane, kubw'urukundo tumufitiye.

«Twebwe abakomeye dukwiriye kwihanganira intege nke z'abadakomeye, ntitwinezeze.¹²» Umutima wizera Kristo, naho uko kwizera kwaba gufite intege nke, naho waba utera intambwe ntoya nk'iy'umwana muto, ntabwo ukwiriye guhinyurwa. Ibintu byose bidutera kugira isumbwe ku bandi, naho byaba inyigisho cyangwa icyubahiro cyangwa imico y'imbonera cyangwa imibereho ya gikristo cyangwa se ubunararibonye mu by'idini; ibyo bidushyiramo umwenda w'abataragize amahirwe yo kubibona, dukwiriye kubakorera ku rugero rwose twashobora. Mbese turakomeye? Nidukomeze amaboko atentebutse. Abamaraika b'icyubahiro bahora bareba mu maso ha Data wa twese wo mu ijuru, bakorana umurimo wabo umunezero, mu byo bakorera abarusha abandi kuba bato. Imitima ihinda umushyitsi, ifite imico mibi yabaye akahebwe, iyo ni yo bitaho

by'umwihariko. Abamaraika baba bari ahantu hose hakeneye ubufasha, aho urugamba rukaze, ndetse aho ibintu bikabiye gucika. Abigishwa nyakuri ba Kristo bagomba kujyana ubufasha bwabo muri uwo murimo.

Niba umwe muri abo bato aguye mu ikosa maze akagucumuraho, ni inshingano yawe kumubyutsa. Ntimugategereze ko ari we ufata iya mbere mu kwiyinga namwe. “Mubitekerezaho iki? Umuntu waba afite intama ijana, akazimiza imwe muri zo, ntiyasiga izindi mirongo icyenda n'icyenda mu gasozi akajya gushaka iyazimiye kugeza aho aribuyibonere? Iyo ayibonye ayiterera ku bitugu yishimye, kuyirutisha izindi mirongo icyenda n'icyenda zitari zazimiye. Nuko So wo mu ijuru ntashaka ko hagira n'umwe wo muri aba bato urimbuka.”

Ukwiriye kugira umutima w'ubugwaneza kandi wirinda “ kugira ngo nawe udashukwa.¹³” Jya kuri uwo wazimiye, maze “umucyahe mwiherereye.” Ntugakoze Kristo isoni ubwira abandi icyaha cyangwa amakosa y'umuntu witirirwa izina rye. Akenshi bizaba ngombwa kuvugisha ukuri ubwira umutima wazimiye kugira ngo uwugaragarize ikosa ryawo, ngo biwutere kwikosora. Ariko si ibyanyu guca imanza cyangwa guca iteka. Ntugashake kwitsindishiriza wowe ubwawe. Icyifuzo kimwe rukumbi mukwiye kugira : ni uko yakira. Komora inguma z'umutima bisaba ubwitonzi bwinshi n'ubushishozi. Urukundo ruva ku wadupfiriye i Karuvali ni rwo rukwiriye kugaragara aho hantu. Umuvandimwe akwiye kurebana mwene se impuhwe nyinshi, azi ko nabigeraho azaba akijije “ubugingo urupfu” kandi “atwikiriye ibyaha byinshi.¹⁴”

Birashoboka ko wabigerageza bikananirana. Iyo bibaye bityo, Yesu atanga inama ati : “Umushyire umuntu umwe cyangwa babiri.” Birashoboka ko izo mbaraga zose zibumbiye hamwe zishobora gutsinda kurusha iya mbere. Inama z'abadafite aho bahuriye n'icyago cyakozwe, badafite aho babogamiye, zizarushaho kugira umumaro.

Noneho umuntu wakoze ikosa niyanga kumva, ubwo nibwo ikosa rye rizashyirwa imbere y'iteraniro. Abizera b'itorero kuko ari intumwa mu cyimbo cya Kristo bakwiriye guhuriza hamwe amasengesho yabo no kwinginga kwabo babikoranye urukundo, ngo uwakoze icyaha ashobore gukira mu by'umwuka.

Umwuka wera azumvikanisha ijwi rye abinyujije muri abo bakozi b’Imana, ararikana umwete umuntu wazimiye ngo agarukire Imana. Intumwa yari ibwirijwe n’umwuka yaravuze iti : “bisa naho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo, kugira ngo mwiye n’Imana!”¹⁵ Umuntu wanze ubwo bufasha aba aciye imirunga imufatanyaga na Kristo kandi akaba yitandukaniye n’itorero. Bigeze aho nibwo Yesu yavuze ati : “Azakubere nk’umupagane cyangwa umukoresha w’ikoro.” Ariko ntakwiriye gutekerezwa ko ageze aho imbabazi z’Imana zitabasha kugera. Abahoze ari abavandimwe be ejo hashize, aho kumunyega cyangwa kumutererana bakwiriye kumurebana ubugwaneza n’impuhwe nka ya ntama yazimiye; iyo Kristo agishakashaka na magingo aya ngo ayigarure mu rugo.

Amabwiriza yatanze na Yesu yerekeranye n’uko abantu bakwifata imbere y’abazimira, yari yaravuzwe mu nyigisho isobanutse Mose yari yarahaye abisiraeli, muri aya magambo ngo : “Ntukangire mwene wanyu mu mutima wawe, ntukabure guhana mugenzi wawe kugira ngo utizanira icyaha kubwe.”¹⁶ Ndamutse nirengagije kubyutsa abaguye mu ikosa no mu cyaha kandi ari inshingano Kristo yampaye, mba mfatanije nabo ibyaha byabo. Nuko rero tuba turegwa ibibi twari gushobora kwirinda, nkaho ari twe twabikoze.

Umunyabyaha ni we ubwe dukwiriye gusanga tukamubwira ikosa rye. Nta mazimwe, nta gusebanya kuri iyo ngingo; ndetse naho byaba byamaze kubwirwa iteraniro, nta burenganzira dufite bwo kubiganira n’abandi. Kumenyekanisha ibyaha by’abakristo ni ugushyira ibuye risitaza ku batizera; mu kugumisha ibitekerezo byacu kuri ibyo bintu, tuba twihemukira ubwacu, kuko duhinduka tugafata ishusho y’ibyo tugumya kwitegereza. Uko twihatira gukosora amakosa y’umuvandimwe, tuzayoborwa n’Umwuka wa Kristo kugira ngo tumurinde uko bishoboka kose ibyo abavandimwe bamunegura ndetse n’ibyo ab’isi batizera bamukoba. Nuko rero kubw’ibyo, natwe turi mu cyaha kandi dukeneye impuhwe n’imbabazi bya Kristo; noneho natwe tubere abandi uko dushaka ko batubera. “Ndababwira ukuri ko ibyo muzahambira mu isi bizaba bihambiriwe mu ijuru, kandi ibyo muzahambura mu isi bizaba bihambuwe mu ijuru.” Murakora nk’intumwa zatumwe n’ijuru, kandi umurimo wanyu ufite ingaruka z’iteka.

Ntabwo ari twe twenyine twasigiye iyi nshingano Kristo aba ahantu hose ijamba rye ryakiranwa umutima ushima. Ntabwo Kristo aba mu materaniro manini

gusa; naho umubare w’abigishwa be waba ari muto bateranye mu izina rye, aba ari muri bo. Yavuze ko “abantu babiri muri mwe nibateranira hamwe kugira icyo basaba icyo ari cyo cyose, bazagihabwa na Data wo mu ijuru.”

Yesu yibukije abigishwa be agira ati : “Data uri mu ijuru” agira ngo abumvishe ko niba mu ruhande rumwe afatanije na bo kubw’ubumuntu bwe, agasangira na bo ibigeragezo byabo, akababarana na bo mu mibabaro yabo ari nako afatanijwe n’intebe y’Ushobora byose kubw’ubumana bwe. Ni ibyiringiro bitangaje! Ubwenge bwo mu ijuru bufataniriza hamwe n’abantu kugira ngo bukize imitima yazimiye. Kandi imbaraga zose z’ijuru zifatanya n’ubuhanga bw’abantu kugira ngo zerekeze imitima kuri Kristo.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 17:22-27; 18:1-20; Mariko 9 :30-50 ; Luka 9 :46-48.
2. Gutegeka kwa kabiri 10:9.
3. Zaburi 50:10-12.
4. Yesaya 14:12-15.
5. Abafilipi 2:7,8.
6. Zaburi 18:36.
7. Yesaya 66:1,2.
8. Luka 19:10.
9. Abaroma 12:1.
10. Matayo 5:13.
11. Yohana 1:29.
12. Abaroma 15:1.
13. Abagalatiya 6:1.
14. Yakobo 5:20.
15. 2 Abakorinto 5:20. 16. Abalewi 19:17.

*** *** ***

49. MU MINSI MIKURU Y'INGANDO



Abayuda bagombaga guteranira i Yerusalemu inshuro eshatu mu mwaka ku mpamvu z'iby'idini. Umuyobozi w'abisirayeli utagaragara yihishe mu nkingi y'igicu ni we wari waratanze amabwiriza y'ayo materaniro. Ayo mabwiriza ntiyashoboye kwitonderwa mu gihe cy'ubunyage, ariko ubwo abayuda

bari bagarutse mu gihugu cyabo bongeye kwitondera iminsi mikuru y'urwibutso. Muri izo yubile, Imana yifuzaga kwibutsa ubwoko bwayo. Uretse kuri bake gusa, abatambyi n'abayobozi b'iryo shyanga bari baribagiwe uwo mugambi. Uwo nyine wari wategetse ayo materaniro y'ishyamba kandi akaba asobanukiwe n'icyo yavugaga, yatangajwe cyane n'uko yasanze barayononnye bikabije.

Iminsi mikuru y'ingando¹ yari iteraniro riheruka buri mwaka. Imana yifuzaga ko kuri uwo munsu mukuru w'ingando, ubwoko bwayo bwatekereza ku neza n'imbabazi zayo. Igihugu cyose icyo cyayumviraga cyagiraga imigisha myinshi. Kugira neza kwayo n'uburinzi bwayo ntibyahwemaga ku manywa na nijoro. Izuba n'imvura byatumaga ubutaka bwera imbuto zabwo. Bajyaga basarura umusaruro w'agahano mu bibaya bya Palestina bagatoragura imbuto za elayo kandi bakazivanamo amavuta y'igiciro cyinshi; bagasarura imbuto z'imikindo kandi imbuto z'imizabibu bakazengera mu mivure.

Umunsu mukuru wamaraga iminsi irindwi yose; kugira ngo bawizihize abaturage ba Palestina kimwe n'abisirayeli baturutse mu bihugu byose, bavaga mu mazu yabo abo hafi n'aba kure, bakaza muri Yerusalemu bafite ibimenyetso by'umunezero mu ntoke zabo. Abasaza n'abasore, abakire n'abakene bose bazanaga impano, amaturo y'ishimwe bayazaniye uwatumye imyaka yabo yera. Uwo mwaka kandi hakaba umusaruro ukwiriye. Bajyaga mu mashyamba no mu mirima gushakayo ikintu cyose kiryohye amaso kandi kizashimisha abantu bose bazakibona; ibyo byatumaga umujyi wose uhinduka nk'ishyamba ry'agahozo.

Uwo munsu mukuru ntiwari ikimenyetso cy'umugaruro n'uburumbuke gusa, ahubwo wari n'urwibutso rw'ibyiza Imana yagiriye abisiraeli igihe bari mu butayu. Kugira ngo bibuke igihe bari batuye mu mahema, muri uwo munsu mukuru abisiraeli baturaga mu ngando cyangwa se mu mahema y'amashami y'ibiti. Bayashingaga ku nzira, mu bikari by'urusengero no ku mabaraza y'amazu. Ahakikije i Yerusalemu ku misozi no mu bibaya habaga utururi tw'amashami y'ibiti kandi huzuye abantu benshi.

Abaje gusenga bizihizaga umunsu mukuru baririmba indirimbo zera kandi bashima. Umunsu w'impongano abantu bihanaga ibyaha byabo, bakiyunga n'ijuru, ni wo wabanzirizaga umunsu mukuru. Uko niko ibyishimo by'umunsu mukuru byagendaga. "Muhimbaze Uwitwaga kuko imbabazi ze zihoraho iteka."² Ayo magambo barayikiranyaga mu ndirimbo zo kunesha, kandi amajwi y'ibyuma birenga akavanga na za Hoziyana z'inteko y'abantu baje. Urusengero nirwo rwari ihuriro ry'umunezero w'isi yose. Ibitambo bikomeye ni ho byatambirwaga. Abalewi biremyemo inteko ebyiri iruhande rw'ingazi z'amabuye ya Marimari z'inyubako yera, bayoboraga indirimbo. Inteko z'abaje kuramya zazunguzaga amashami y'imikindo n'umubavu, bagafatanyaga n'abandi kuririmba bikiranya, ayo majwi meza yunganirwaga n'ay'abandi aho bari hose, akumvikana mu misozi ikikije aho, yose ahuriye hamwe guhimbaza Imana.

Iyo ijoro ryazaga abantu buzuzaga mu rusengero no mu bikari byaho imuri bakoze. Indirimbo n'amashami y'imikindo azunguzwa na za Hoziyana z'umunezero, hiyongereyeho n'abantu bamurikiye n'urumuri rw'amata amantse, imirongo y'abatambyi n'icyubahiro cy'imihango irimo ikorwa, byatumaga uwo munsu mukuru utangaza abantu bose bahari. Ariko mu mihango yose yo mu minsi mikuru uwari ukomeye cyane kuruta iyindi kandi wateraga ibyishimo byinshi ni uwibutsaga igihe bari bari mu butayu.

Mu museke w'uwo munsu abatambyi bavuzaga amakondera yo mu ifeza n'ijwi riranguruye kandi rirandaze akikirizwa n'andi yumvikaniraga kure hamwe n'amajwi y'abari mu ngando. Nuko umutambyi akavoma amazi mu kibindi mu mugezi wa Kidironi, akagiterura muri ayo majwi y'amakondera akazamuka ingazi

z’urusengero intambwe ku ntambwe aririmba ati: “Yerusalemu, ibirenge byacu bihagaze ku marembo yawe.”³”

Akajyana ikibindi ku gicaniro kiri hagati mu gikari cy’abatambyi. Aho hari ibikarabiro bibiri bya feza kandi umutambyi yabaga ahagaze kuri buri gikarabiro. Bagasuka ikibindi cy’amazi mu gikarabiro kimwe, ikibindi cya divayi mu kindi gikarabiro bikanyura mu muheha ugera mu mugezi wa Kidironi byerekera mu nyanja ipfuye. Igikorwa cyo gusuka ayo mazi cyibutsaga uburyo amazi yadudubije ava mu rutare kubw’ijwi ry’Imana, kugira ngo abana b’Isiraeli banywe bice inyota. Hanyuma bagatera hejuru n’amajwi y’umunezero bagira bati “Uwiteka Yehova ari we mbaraga zanjye n’indirimbo yanjye.... Nicyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y’agakiza.”⁴”

Igihe bene Yosefu bari mu kwitegura kujya mu minsi mikuru y’ingando baritegereje babona Kristo asa n’udafite umugambi wo kuyijyamo. Bamwitegerezaga bafite ishavu ryinshi. Guhera igihe yakizaga umurwayi ku kidendezi cy’i Betesida, ntiyari yongeye kujya mu materaniro y’iminsi mikuru. Yakoreraga imirimo ye i Galilaya gusa kugira ngo yirinde intugunda zidafite icyo zimaze n’abatware babaga i Yerusalemu. Kuba yarasaga n’uwirengagiza amateraniro y’idini, hakiyongeraho n’inzangano yagirirwaga n’abatambyi ndetse n’abigishamategako byatumaga abamuzengurutse, ababyeyi be ndetse n’abigishwa be bayoberwa uko bifata. Mu myigishirize ye, Yesu yerekanaga agaciro kanini ko gukomeza amategako y’Imana, none dore we ubwe yasaga n’utitaye ku mirimo yashyizweho n’Imana. Mu kwivanga n’abakoresha b’ikoro n’abantu basuzugurutse, akirengagiza imihango y’abigishamategako ntiyite no ku migenzo y’iby’isabato, yari yishyize mu kaga ko kurwanywa n’abayobozi b’iby’idini, kandi imyifatire ye bayivugagaho byinshi. Abavandimwe be bumvaga ari amakosa ye, kuko atavugaga rumwe n’abakomeye n’abahanga b’ishyanga rye. Kuri bo byasaga naho abantu bari mu kuri, naho Yesu we akaba yibeshya. Nyamara bahoraga ari abahamya b’imibereho ye izira amakemwa nubwo batemeraga kubarwa mu mubare w’abigishwa be, bagatangazwa n’imirimo ye ikomeye. Uburyo abantu b’i Galilaya bamukundaga byatumaga bamwishimira; maze bakomeza kwiringira ko umunsi umwe azakoresha ubushobozi bwe maze agatera abafarisayo kumwemera uko ari. Bahoraga birata ko ari Mesiya, Igikomangoma cya Isiraeli.

Bashavujwe nuko batageze ku ntego bifuzaga, bahatira Yesu kujya i Yerusalemu. Baramubwiye bati: «Va hano ujye i Yudaya kugira ngo abigishwa bawe barebe imirimo ukora; kuko ari nta muntu ushaka kumenyekana wakorera ikintu mu rwihisho. Ko ukora iyo mirimo, ngaho genda wiyereke abari mu isi yose.» Bavuze ayo magambo berekana gushidikanya no kutizera kwabo. Bamuregaga ko ari umunyantega nke ugamburura. Baravugaga bati: niba azi ko ari Mesiya kuki yihishahisha kandi ntagire icyo akora ? Niba koko afite ubushobozi kuki adatinyuka kujya i Yerusalemu kumugaragarar maze ngo ashimangire uburenganzira bwe ? Kuki imirimo itangaza akorera i Galilaya atajya no kuyerekana i Yerusalemu? Baramubwiraga bati : Kuki wagiye kwigobeka mu karere ka kure, maze ubushobozi bwawe ukabugaragariza imbere y'abaturage b'injiji ndetse n'abatindi b'abanyabyaha? Ngaho jya mu murwa wifashishe abatambyi n'abakuru bakureherezeho abantu b'ishyanga ryose kugira ngo wimike ubwami bushya.

Abo bavandimwe ba Yesu bari bafite imigambi nka ya yindi iboneka mu mitima yikuza kandi yishuka. Imitima imeze ityo ni yo yari yuzuye ku isi. Barakajwe nuko aho kurwanira gushyiraho ubwami bwo mu isi; ahubwo yitangaga nk'umutsima w'ubugingo. Bashengurwaga cyane no kubona abigishwa benshi bamuvaho. Ndetse nabo ubwabo baramuhungaga kugira ngo batageze ubwo bamwemera kubw'ubuhamya bw'imirimo ye, nk'intumwa yavuye mu ijuru.

Yesu arababwira ati: «Igihe cyanyije ntikirasohora, ariko igihe cyanyu gihoraho iteka. Ab'isi ntibashaka kubanga ariko jyeweho baranyanga, kuko mpamya ibyabo yuko imirimo yabo ari mibi. Mwebwe ho nimujye muri iyo minsi mikuru; ariko jyewe ho sinjya yo ubu. Kuko igihe cyanyije kitarasohora. Amaze kubabwira ibyo asigara i Galilaya.» Abavandimwe be bari bamubwiye ubukana bamubwira uko akwiye kwitwara. Mu kubasubiza ntiyabashyira mu mubare w'abigishwa bafite umutima wo kwiyanga, ahubwo abashyira mu mubare w'abifatanya n'ab'isi. Yarababwiye ati “Ab'isi ntibabanga, ariko jyeweho baranyaga kuko mpamya ibyabo yuko imirimo yabo ari mibi.” Ab'isi ntibanga umuntu ufite umutima nk'uwabo, ahubwo baramukunda.

Iyi si ntabwo ari ahantu Kristo yazanywe no kuba mu mudendeze ngo anahakungaharire. Ntabwo yari ategereje igihe gikwiriye cyamuhesha kwigarurira ubutegetsi ngo abone icyubahiro. Ntabwo yashimishijwe n'igihembo gisa gityo.

Aho niho Se yari yaramwohereje. Yoherejwe kugira ngo atange ubugingo ku bari mu isi kugira ngo asohoze inama ikomeye y'agakiza. Yasohoje umurimo we kubw'ubwoko bwaguye. Ntabwo yagombaga kugaragara nk'uwigerezaho ngo yishyire mu kaga bitari ngombwa, ngo bityo yihutishe akaga gaheruka. Mu murimo we, buri kintu cyose cyari cyaragenewe isaha yacyo. Yari akwiriye gutegereza yihanganye. Yari abizi neza ko ab'isi bazamwanga, kandi umurimo we uzasozwa n'uko apfuye, ariko si ubushake bwa se ko abyirohamo igihe kitaragera.

Uhereye i Yerusalemu urusaku rw'ibitangaza bya Yesu rwari rwarakwiriye aho abayuda bari baratataniye hose, nubwo yamaze amezi menshi atajya mu minsi mikuru, ishyushyu bari bamufitiye ryari ryose. Nuko mu gihe cy'iminsi mikuru y'ingando, abantu baturutse imihanda yose bafite ibyiringiro byo kumubona. Mu itangiriro ry'umunsi mukuru, abantu benshi bibazaga ibye. Abafarisayo n'abakuru bari bamutegereje, bizera kubona impamvu yo kumuciraho iteka. Babazanyaga igishyika cyinshi bati :”Ariko ari he?” Nta n'umwe wari uhazi. Yesu ni we wari wuzuye ibitekerezo byabo byose. Ntibashakaga kumwemera nka Mesiya, nk'uko bakekaga kuko batinyaga abatambyi n'abakuru, ariko ahantu hose wasangaga bamuganirana ishyaka ryinshi, ariko rwihishwa. Abantu benshi bahamyaga ko yoherejwe n'Imana, mu gihe abandi bamubonagamo umushukanyi.

Mu gihe bari bagihugiye muri ibyo Yesu agera i Yerusalemu bucece. Yari yaje wenyine anyuze mu kayira katanyurwagamo na benshi, kugira ngo yirinde abagenzi benshi bajyagayo bavuye impande zose. Iyo aza kwifatanya na rimwe mu matsinda yajyaga mu minsi mikuru, ntiyajyaga gushobora kwinjira mu murwa bitamenyekanye, kandi uko kwigaragariza rubanda kwazaga gutuma bimugonganisha n'abatware. Kugira ngo yirinde ibyo, yiyemeza gufata urugendo wenyine.

Ibitori bigeze hagati, igihe bose bari bamaze gutwarwa, Yesu yinjira mu gikari cy'urusengero imbere ya rubanda rwose. Kuba atari yagaragaye mbere kwari kwateye abantu kwibwira ko atatinyuka kwiyereka abatambyi n'abakuru; nicyo cyatumye kugaragara kwe kwateye abantu bose kumirwa. Amajwi yose arahora. Batangazwa n'icyubahiro cye n'ubutwari bwe bwamubashishije guhagarara imbere y'abanzi be gica kandi bakomeye, bashakaga kumwica.

Mu guhagarara imbere y’abo bantu, Yesu akoresha imvugo itarigeze ikoresheya n’uwo ariwe wese. Amagambo ye yahamyaga ubumenyi butangaje ku mategeko n’imihango y’abisiraeli, ku bitambo n’inyigisho z’abahanuzi, bwarutaga cyane ay’abatambyi n’abigishamategeko. Akuraho inzitizi zose z’imyigishirize y’imigenzo n’imiziririzo. Byagaragaraga ko imibereho y’ahazaza atari ibanga kuri we. Yavuze ku bintu by’isi n’ibintu byo mu ijuru, ku bintu by’abantu n’iby’Imana, n’ubutwari bukomeye asa n’ureba ibitaragaraga. Amagambo ye yarumvikanaga neza kandi yemeza abantu bose nk’uko byagenze i Kaperinaumu, bose batangazwa n’imyigishirize ye “Kuko ijamba rye ryari rifite ubushobozi.”⁵ Akoresheje ibimenyetso, asobanurira abamwumvaga kwirinda ibyago byari bigiye kugwira no guhana abantu bose banga imigisha yabazaniye. Yari yarabahaye ibimenyetso bishoboka byose bibemeza ko yavuye ku Mana; kandi yihatiraga cyane kubararikira kwihana. Yifuzaga cyane kurinda ab’ubwoko bwe icyaha kibi cyo kumwanga no gushaka kumwica.

Abantu bose batangazwaga n’ubuhanga bwe mu byo kumenya amategeko n’ibyahanuwe; nicyo cyabateraga kubazanya bati: “yamenye ate Ibyanditswe kandi atarigishijwe? Nta muntu n’umwe wari ufite uburenganzira bwo kwigisha ibyigisho by’idini, keretse byibura yarize mu ishuri ry’abigishamategeko; ariko ari Yesu cyangwa Yohana Umubatiza bombi bitwaga injiji kuko batahawe izo nyigisho. Mu by’ukuri koko ntabwo bari barigishijwe n’abana b’abantu; ariko Imana yo mu ijuru ni yo ubwayo yari yarabahaye ubwenge busumba ubundi.

Nuko igihe Yesu yigishirizaga mu bikari by’urusengero, rubanda rwose rutwarwa n’amagambo ye. Ndetse na ba bandi bamurwanyaga bahagarara imbere nta mbaraga bafite zo kumurwanya. Mu kanya gato amahane yose bari bayibagiwe.

Akomeza kwigisha uko bukeye n’uko bwije kugeza ku munsu uheruka, ari wo munsu mukuru ukomeye. Mu gitondo cy’uwo munsu, rubanda rwose rwari runaniwe. Nuko ijwi rya Yesu ryumvikanira mu bikari by’urusengero rigira riti:

“Umuntu nagira inyota aze aho ndi anywe. Unyizera imigezi y’amazi y’ubugingo izatamba iva mu nda ye nk’uko Ibyanditswe bivuga.” Uko abantu bari bameze icyo gihe byateye imbaraga nyinshi uwo muhamagara. Bari bakurikiranye imihango y’ibikabyo, amaso yabo yari yashimishijwe n’umucyo n’amabara,

amatwi yabo na yo akaryohereza n'umuziki mwinshi, ariko muri icyo minsi mikuru nta kintu cyari cyabashije gukangura imitima yabo yari ifite inzara n'inyota bidashira. Nuko Yesu ararikira abateraniye aho bose kunywera ku isoko y'ubugingo kugira ngo amazi y'ubugingo atembere mu nda yabo kugeza ku bugingo bw'iteka.

Umutambyi mukuru yari amaze gukora umuhango wibutsa uko igitare cyo mu butayu cyakubiswe. icyo gitare cyari ikimenyetso cy'uzatuma kubw'urupfu rwe amazi adudubiza ku bafite inyota. Amagambo ya Kristo yari amazi y'ubugingo. Aho yari ahagaze imbere ya rubanda yari yitanze ngo akubitwe kugira ngo amazi y'ubugingo atembere mu isi yose. Mu kukubita

Kristo, satani yibwiraga ko azaba atsembyeho Igikomangoma cy'ubugingo, ariko amazi y'ubugingo adudubiza mu gitare cyakubiswe. Mu gihe Yesu yavugaga atyo ari hagati muri rubanda ubwoba budasanze bwinjira mu mitima yabo, maze abenshi muri bo bitegura kuvuga nka wa Musamariyakazi bati : “Mpa kuri ayo mazi ntazagira inyota”.

Yesu yari azi ubukene bw'ubugingo. Imyenda myiza n'ubukungu ndetse n'ibyubahiro ntibishobora guhaza kwifuza k'umutima. “Ufite inyota aze aho ndi.” Abakire n'abakene, abakomeye n'aboroheje bose bakirwa kimwe. Asezeranira umutima ushenguka kuwufasha no guhumuriza abababaye no kugarurira uwihebye ibyiringiro. Mu bamwumvaga, benshi barizwaga n'ibyiringiro byabo byayoyotse, benshi bari barashenguwe n'intimba zitagaragara, benshi bajyaga bihatira kunezeresha ibibahangayikishije iby'isi no gushimwa n'abantu, ariko baza kubona ko icyo babaga bamaze kubona ibyo bifuzwa, imbaraga zabo zose zabaga zabajyanye ku bitanga bitobotse badashobora kwiciramo inyota. Nuko muri icyo minezero n'ibyishimo bakomeza kurakara no kubabara. Muri ako kanya ijwi rirarangurura ngo : “Ufite inyota,” bibakura mu nzozo zabo z'ubwihebe, maze amagambo bumvise yongeraga kubagaruramo ibyiringiro. Umwuka Wera akomeza gushyira ikimenyetso imbere yabo kugeza ubwo babashije gusobanukirwa impano y'agakiza itagira akagero.

Irarika rya Kristo ahamagara umutima wari ufite inyota riracyakomeza kumvikana, rifite imbaraga nyinshi nk'igihe ryumvikanaga mu rusengeri ku muni mukuru uheruka. Isoko igerwaho na buri wese. Amazi afutse y'ubugingo bw'iteka atangirwa ubuntu ku barushye n'abaremerewe. Yesu arakomeza kurarika agira ati:

“Ufite inyota naze anywe.” “Kandi ufite unyota naze, ushaka ajyane amazi y’ubugingo ku buntu.” “Unywa amazi nzamuha, ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukira isoko y’amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho.”⁶

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 7:1-15,37-39.

1. Zaburi 106:1.
2. Zaburi 122:6.
3. Yesaya 12:2,3.
4. Luka 4:32.
5. Ibyahishuwe 22:17; Yohana 4:14.

*** **

50. MU MITEGO



Mu gihe Yesu yamaze i Yerusalemu ari mu minsi mikuru, ntabwo bahwemye kumugenza. Uko bukeye nuko bwije bihatiraga gushaka uburyo bushya bwo kumucecekesha. Abatambyi n’abakuru bashaka uko bamugusha mu mutego¹. Biyemeza kumufata ku ngufu. Nyamara ibyo ntibyari bihagije. Ahubwo bifuzaga gukoza isoni uwo Mwigisha w’umunyagalilaya imbere ya rubanda.

Akimara kugerayo, abatambyi bakuru bari bamusanze, ngo bamubaze ubutware bumuhesha kwigisha ubwo aribwo. Bashakaga kumurangaza bamubaza ikimutera kwigisha bamwumvisha agaciro kabo n’ubutware bwabo.

Yesu arababwira ati : “Ibyo nigisha si ibyanjye, ahubwo ni iby’Iyantumye. Umuntu nashaka gukora ibyo Ikunda, azamenya ibyo nigisha ko byavuye ku Mana, cyangwa ko mbivuga ku bwanjye. Mu cyimbo cyo guha urwaho abamurwanya, Yesu abasubiza abagaragariza ukuri nyakuri kuzanira ubugingo agakiza. Mu mutima ndetse mu bwenge niho hakira ukuri kandi hakamwemera; uko niko Yesu yababwiye. Ukuri gukwiye kwakirwa mu bugingo, kugahabwa icyubahiro cy’ubushake. Iyaba ukuri kwashoboraga kwinjizwa n’ibitekerezo, ubwirasi ntibwakubuzwa kwinjira. Ariko ukuri kwakirwa kubw’igikorwa cy’ubuntu gikorera mu mutima. Kugira ngo kwakirwe, icyaha cyose kiba gikwiye kwigizwayo n’Umwuka w’Imana. Umuntu uko yaba ari kose ndetse nubwo yaba afite ubwenge bwinshi; ntacyo byamumarira keretse umutima we awugururiye ukuri, kandi akazibukira ku bushake bwe akamenyero kose kamutera kunyuranya n’amahame yako. Abiyegurira Imana batyo, bafite icyifuzo kiboneye cyo kumenya no gukora ibyo ishaka, ukuri kubagaragarira ari imbaraga y’Imana itanga agakiza. Abo bantu bahabwa ubushobozi bwo gutandukanya uvugira Imana n’uvuga ibye ubwe.

Abafarisayo ntabwo bigeze bahuza ubushake bwabo n'ubw'Imana. Mu cyimbo cyo gushakashaka kumenya ukuri, ahubwo bashaka kukwihunza, ni cyo cyatumye Yesu abereka impamvu ibatera kudasobanukirwa n'ibyo yigisha.

Abereka ibuye ry'urufatiro bazamenyeraho gutandukanya umwigisha nyakuri n'umushukanyi: « Uvuga ibye ubwe aba yishakira icyubahiro, ariko ushakira iyamutumye icyubahiro uwo ni we w'ukuri. Gukiranirwa ntikuri muri we.» Uwishakira icyubahiro cye, avuga ibye ubwe kandi bikagaragaza aho akomoka. Nyamara Yesu we yashakaga icyubahiro cy'Imana. Yavugaga amagambo y'Imana. Ibyo nibyo byahamye ubutware bwe ko ari Umwigisha w'ukuri.

Yesu yahaye abigishamategako igihamba cy'uko ari Imana, igihe yaberekaga ko ashobora gusoma ibiri mu mitima. Uhereye ku gitangaza cyakorewe i Betsaida ntibigeze bahwema kumugambanira ngo yicwe. Mu kugenza batyo bari bishe iryo tegeko bahoraga bavuga ko barirwanirira. Yesu yarababwiye ati : «Mbese Mose ntiyahaye amategako? Nyamara muri mwe ntawe uyumvira. Murashakira iki kunyica?»

Nko mu murabyo ayo magambo yagaragariye abigishamategako umworera bendaga kwirohamo. Mu kanya gato bagira ubwoba, basobanukirwa ko barimo barwanya ufite imbaraga ziheraniye. Nyamara banga kuburirwa. Babonaga ko ari ngombwa guhisha imigambi yabo y'ubwicanyi, kugira ngo bakomeze kwemerwa na rubanda. Kugira ngo ikibazo cya Yesu bakiburizemo, bariyamira bati : «Ufite daimoni. Ninde ushaka kukwica?» Bashaka kumvikanisha ko imirimo itangaje Yesu akora, ayikoreshwa n'imbaraga z'umubi.

Yesu yirengagiza icyo kibazo. Abasobanurira ko gukiza umurwayi byabereye i Betsaida, byemewe rwose n'amategako agenga isabato, kandi ko byemezwa rwose n'amategako y'abayuda biha gusobanura. Yarababwiye ati : «Mose yabahaye umuhango wo gukebwa... ndetse mukeba abantu no ku isabato.» Igihe uwo munsu wahuzaga n'isabato, umuhango wagombaga gukorwa. Amategako yavugaga ko umwana akebwa ku munsu wa munani. None se ntibyari bihuye n'amategako gukiza «umubiri w'umuntu wose ku isabato?» Yongeraho uyu muburo ngo: «mwe guca imanza ku bigaragara gusa, ahubwo muce imanza z'ukuri.»

Nuko abatambyi bakuru barahora, maze benshi muri iyo nteko barabazanya bati: «Uwo bashaka kwica si uyu? Nyamara dore aravugira ku mugaragararo, ko ari ntacyo bamugira? Mbese harya ni ukuri koko abakuru bacu bemeye ko uyu ari we Kristo?»

Mu bari batuye i Yerusalemu bumvaga Kristo, benshi bari bazi ubugambanyi bw'abatware bakuru barimo bitegura; bumva barushijeho kumusanga. Barushijeho gusobanukirwa ko ari Umwana w'Imana. Nyamara satani yari ari aho ateza gushidikanya, ibyo byari byoroshye kuruta kuzana ibitekerezo bipfuye bisobanura ibya Mesiya no kuza kwe. Ahanini bose batekerezagako azavukira i Betelehemu, maze mu gihe gito akabura; noneho yazongera kugaruka ntihagire n'umwe usobanukirwa n'aho aturutse. Abenshi mu bantu ni abibwiraga ko nta sano y'abantu Mesiya yajyaga kuba afite. Bitewe n'uko Yesu w'i Nazareti batamubonye nkuko byari byitezwe na rubanda, bituma benshi bafatanyaga n'iki gitekerezo ngo: «Uyu ko tuzi aho yaturutse, ariko Kristo naza ntawe uzamenya aho yaturutse.»

Mu gihe bari bakiri hagati yo kwizera no gushidikanya, Yesu amenya ibyo bibwira, niko kubabwira ati : «Jyewe muranzi n'aho naturutse murahazi; nyamara sinaje ku bwanjye, ahubwo Iyantume ni Iy'ukuri, iyo mutazi.» Bibwiraga ko bazi inkomoko y'ukuri ya Kristo, mu gihe ntacyo bari babiziho namba. Iyo baza kuba barakunze kugirana umushyikirano n'ubuntu bw'Imana bari kumenya Umwana w'Imana wari ubagaragarijwe icyo gihe.

Abamwumvaga ntibabashaga kwibuza kumva amagambo ye, kuko yari ayasubiyemo nk'uko mu mezi ashize yari yayatangarije mu nama nkuru y'abayuda, ubwo yayumvishaga ko ari Umwana w'Imana. Abakuru bari bagerageje kumwica, na none bakora uko bashoboye ngo bamufate; ariko imbaraga itagaragara irabibabuza, icyaha uburakari bwabo itari : ntimushobora kurenga aho.

Benshi baramwizera baravugaga bati : «Harya Kristo naza mugira ngo azakora ibimenyetso byinshi biruta ibyo uyu yakozeho?» Abatware b'abafarisayo bagenzuranaga umujinya uko ibintu bikurikirana, babona abantu bakunze Yesu cyane. Nuko barihuta basanga abatambyi bakuru, banoganya inama yo kumufata. Nyamara bemeza kumufata ari uko bamusanze wenyine, kuko batatinyukaga kumufata ari kumwe n'abantu. Na none ubwo Yesu aba ashize ahabona umugambi

wabo. Yarababwiye ati : “Hasigaye umwanya muto nkiri kumwe na mwe, hanyuma nkajya ku wantumye. Muzanshaka mwe kumbona, kandi aho njya ntimbasha kujoya.” Bidatinze yari kuba ari ahikinze aho urwangano rwabo no gusebya kwabo bitabasha kugera. Yari agiye kuzamuka ngo ajye kwa Se kugira ngo yongere gupfukamirwa n’abamaraika, kandi aho ngaho abanzi be ntibajyaga kubasha kumusangayo.

Nuko abigishamategako baramukwena bavuga bati : Mbese uyu agiye kujya he, aho tutazamubona. Aho ntagiye kujya mu batataniye mu Bugiriki, akaba ari bo yigisha? Byari biri kure y’abo bamurwanyaga gutekereza ko mu kunnyega Kristo, barimo kwamamaza umurimo we. Umunsi wose yari yategeye amaboko ye ubwoko bw’abagome kandi butumvira; noneho yari agiye kubonwa n’abatari baramushatse akigaragariza abataramubaririje².

Benshi mu bari bamaze kwemera ko Yesu ari Umwana w’Imana bashukwa n’ibitekerezo bibi by’abatambyi n’abigishamategako. Abo bigishamategako bashoboye kugira icyo bageraho kubera guhora basubira mu magambo y’ubuhanuzi avuga ibya Mesiya ngo : “Kuko Uwiteka nyiringabo azatega ku musozi wa Siyoni n’i Yerusalemu, kandi azahabwa icyubahiro imbere y’abatware be bakuru.” “Azatega uherye ku nyanja ukageza ku yindi, uherye ku ruzi Ufurate ukageza ku mpera z’isi.”³ Nuko mu kumukwena cyane abatambyi babaza ihuriro riri hagati y’icyo cyubahiro kivuzwe na Yesu ugaragaye aciye bugufi. Uko niko amagambo y’ubuhanuzi yasobanurwaga nabi, maze akigishwa mu binyoma. Iyo baba barize ijamba baryitayeho, ntibaba baraguye mu ikosa. Igice cya 61 cyemeza ko Kristo azasohozwa umurimo we nk’uko yawuhawe. Igice cya 53 cyo muri Yesaya cyerekanye ko azangwa n’abantu, maze akababarizwa isi; naho igice cya 59 kikagaragaza imico y’abatambyi n’abigishamategako.

Imana ntabwo ihatira abantu kureka kutizera kwabo. Umucyo n’umwijima ukuri n’ibinyoma byashyizwe imbere yabo. Ni ibyabo kumenya guhitamo. Umutima wa kimuntu wuzuyemo ubwenge buwubashisha gutandukanya ikibi n’icyiza. Imana ntiyemera ko abantu bafata icyemezo bahubutse, ahubwo bagifata bamaze kubona uburemere bw’ibimenyetso babonye bagereranya Ibyanditswe byera n’ibindi byanditswe. Iyo abayuda baza kwikuramo ibyo bibwiraga kuri Yesu, bakagereranya ubuhanuzi bwanditse n’imico yo mu mibereho ya Yesu, baba barabonye isano

yihariye iri hagati y'ubuhanuzi no gusohora kwabwo mu mibereho n'umurimo w'Umunyagalilaya wari wicishije bugufi.

No muri iki gihe cyacu harimo abantu bagwa mu ikosa nk'iryo abayuda baguyemo mu gihe cya kera. Abayobozi mu by'idini basoma Bibliya bakayihabwako umucyo uko babyumva, kandi bakurikije imigenzo yabo. Aho kugenzura ibyanditswe byera ngo bibagirire umumaro, abantu banga gucyahwa na ryo ngo batamenya ukuri. Ahubwo imitima yabo ikiringira abayobozi babo. Kubwiriza no kwigisha Ijambo ry'Imana ni bumwe mu buryo bwashyizweho n'Imana kugira ngo umucyo ukwirakwizwe, ariko inyigisho y'umuntu wese ikwirirye kugenzurishwa ibyanditswe. Umuntu wese uziga Bibliya kandi asenga, yifuza kumenya ukuri kandi yiteguye kukumvira, azamurikirwa n'ijuru kandi asobanukirwe ibyanditswe byera. «Umuntu nashaka gukora ibyo ikunda, azamenya ibyo nigisha ko byavuye ku Mana.⁴»

Umunsi uheruka w'iminsi mikuru abasirikari boherejwe n'abatambyi n'abakuru gufata Yesu basubiraye batamufashe. Bababazanya uburakari bati : « Mubujijwe n'iki kumuzana ? » Abasirikari basubiza bumumirije bati :

« Yemwe ntabwo higeze kubaho umuntu uvuga nka we. »

Nubwo imitima yabo yari inangiwe cyane, yari yakabakabwe n'amagambo ya Yesu. Baramwegera mu gihe yavugaga amagambo ari mu gikari cy'urusengero, bibwira ko hari amagambo bamwumvane, maze bakayifashisha bamurega. Mu kanya gato bibagirwa umugambi wabazanye. Kristo abagaragarira nk'abari mu iyerekwa. icyo abatambyi n'abakuru batashakaga kureba abo basirikari bo barakibonye : ubumuntu busendereyemo icyubahiro cy'ubumana. Basubiraye buzuwemo n'ibitekerezo bitangaje kubw'amagambo ye, kubw'iki kibazo cyabazaga ngo : « Kuki mutamuzanye ? icyo basubije ni iki ngo : « Yemwe ntabwo higeze kubaho umuntu uvuga nka we. ».

Igihe abatambyi n'abakuru bahuraga na we ubwa mbere, nabo bagize igitekerezo kimeze gityo. Imitima yabo yari yakabakabweho cyane, kandi nabo ubwabo ntibubujije gutekereza bati : « Yemwe ntabwo higeze kubaho umuntu uvuga nka we ». Ariko bari bacecekesheje uko kwemezwa n'Umwuka wera muri bo. Noneho barakajwe n'uko abahagarariye amategeko nabo bemezwa n'uwo munyagalilaya banga, batera hejuru baravugaga bati : « Mbese namwe murayobeye

? Hari umuntu n’umwe wo mu bakuru cyangwa mu bafarisayo wamwizeye ? Ariko aba bantu batazi amategeko baravumwe ! »

Iyo ubutumwa bw’ukuri bugaragajwe bake gusa ni bo bashobora kwibaza ngo : Mbese ni ukuri ? Ahubwo baribaza ngo: Ninde uhagarariye uriya murimo? Akenshi iyo barebye umubare mwinshi w’abakira uko kuri, ikibazo kibazwa ni iki ngo : Hari umuntu n’umwe wo mubanyabwenge cyangwa wo mu bayobozi b’iby’idini wabyemeye? Ugukiranuka nyakuri muri iki gihe ntigufitwe na benshi ; nk’uko byari bimeze mu bihe bya Yesu. Bagira ishyaka ryinshi ryo gushaka ubutunzi bw’isi maze bakirengagiza ubutunzi buhoraho; kuba ukuri kutakirwa n’abantu benshi cyangwa se ngo kwakirwe n’abakomeye bo ku isi cyangwa abayobozi mu by’idini, ibyo sibyo bikubuza kuba ari ukuri.

Nuko abatambyi n’abakuru bategura indi migambi mishya yo gufata Yesu. Kumureka agakomeza kwidagadura babonaga ari ukumwemerera gukura rubanda ku bayobozi babo; icyagombaga gukorwa gusa cyari ikintu kimwe ni ukumucekesha batajuyaje. Bidatinze muri icyo kiganiro haboneka ijwi ribarwanya. Nikodemu arabaza ati : « Mbese amategeko yacu yemera gucira umuntu urubanza batabanje kumwumva no kumenya ibyo yakoze ? » Abari mu nama baraceceka. Amagambo ya Nikodemu yari acengeye mu mitimanama yabo. Ntabwo byashobokaga gucira umuntu ho iteka utarabanza kumwumva. Nyamara guceceka kw’abakuru b’abirasi ntabwo byari bitewe n’iyo mpamvu gusa, mu gihe bitegerezaga uwo muntu wihandagaza arwanirira ubutabera. Kandi bababazwaga no kubona umwe wo muri bo atangazwa n’imico ya Yesu kugeza n’aho amurwanirira. Bamaze kwiyumanganya babaza Nikodemu bamunnye bati : « Mbese nawe uri umunyagalilaya ? Irebere mu byanditswe urasanga ko nta muhanuzi uturuka i Galilaya ! » Nyamara uko biri kose, uko guhakana kwa Nikodemu kwakomeye umugambi wabo mu nkokora. Abakuru bareka umugambi wabo wo gucira Yesu ho iteka bataramara kumwumva. Kuko muri ako kanya bari bamaze gutsindwa, « barataha umuntu wese ajya iwe. » « Yesu ajya ku musozi wa Elayono. »

Yesu yashatse umutuzo mu gashyamba k’imyelayo, kure y’urusaku n’akaduruvayo byo mu murwa kure y’inteko z’abantu babaga barambiwe, kure y’uburyarya bw’abigishamategeko, aho ni ho yabaga wenyine, ari kumwe n’Imana

gusa. Ariko mu gitondo akagaruka mu rusengero aho abantu bose bamusangaga , maze akabigisha.

Nuko bidatinze baramurogoya. Itsinda ry'abafarisayo n'abanditsi riramwegera ; ryakurubanaga umugore uhinda umushyitsi, bamurega n'ijwi ry'uburakari n'umujinya kuba yishe itegeko rya karindwi. Bamugejeje imbere ya Yesu bamubwirana amagambo y'icyubahiro cy'uburyarya bati : « Mose mu mategeko yadutegetse kwicisha amabuye abakoze batyo; none wowe uravuga ngo iki ? »

Icyubahiro bari bagaragaje cyari gihishe imigambi mibi bategereje kumwicisha. Bari babonye akanya ko gushaka uko bamuciraho iteka kuko bibwiraga ko bari bubone impamvu yo kumurega uko yasubiza kose. Iyo aza kurengera uwo mugore, bajyaga kumurega ko akerensa amategeko ya Mose. Iyo afata icyemezo ko agomba gupfa bajyaga kumurega ku Baroma ko yihaye ubutegetsu kandi ari ubwabo.

Yesu amara umwanya yitegereza iyo pica : uwo mugore wakozwe n'isoni kandi ahinda umushyitsi, abo batware bari barakaye kandi mu maso habo hagaragazaga ko ari intababarira. Iyo pica yababajye Yesu w'umuziranenge kandi umukiranutsi. Yari azi impamvu itumye bamuzanira uwo mugore. Yasomaga mu mitima yabo, kandi yari azi neza imico yo mu mibereho ya buri muntu wese uhagaze aho. Abo biyitaga abarinzi b'ubutabera ni bo ubwabo bari bararoshye uwo mugore muri icyo kigeragezo, kugira ngo babone uko batega Yesu. Yesu arunama asa n'utumvise ibibazo bamubajije; yirebera ku butaka, maze atangira kwandika mu mukungugu.

Abo barezi bumvise abatindiye kandi asa n'utabyitayeho, barushaho kumwegera bamuhatira kubasubiza. Ariko amaso yabo bayahuza n'aya Yesu, bahita bareba hasi maze bakorwa n'isoni. Amafuti ya rwihereranwa yo mu mibereho yabo, yari yanditswe mu mukungugu imbere yabo. Rubanda babonye imyifatire yabo ihindutse ako kanya, baregera kugira ngo barebe impamvu bakozwe n'isoni bumwiwe.

Nubwo abo bigishamategako bahabwaga icyubahiro kubera gusobanura amategako, bari bayirengagije ubwo baregaga uwo mugore. Umugabo w'umugore ni we amategako yahaga uburenganzira bwo kumurega, kandi umusambanyi

n’umusambanyikazi bombi bagombaga guhanwa. Nuko rero abo barezi nta burenganzira bari babifitiye. Nyamara Yesu yemera kumva ibyo bavuga.

Amategeko yemezaga ko mu gihe cyo gutera amabuye, abagabo b’abahamya b’icyo cyaha ari bo babanza gutera amabuye abakoze ibyo. Yesu arahaguruka maze ahanga amaso kuri abo bakuru b’indyarya, arababwira ati : « Muri mwe udafite icyaha abe ari we ubanza kumutera ibuye. » Yongera kunama akomeza kwiyandikira hasi.

Uko niko Yesu yirinzwe kugira icyo atwara amategeko ya Mose, kandi na none yirinda kwivanga mu by’ubutegetsi bw’Abaroma. Abo barezi bari batsinzwe. Bambuwe umwambaro wabo bibwiraga ko wera, bari bahagaze imbere y’ufite kwera guhebuje, bo ari abanyabyaha bakwiriye gucirwaho iteka. Batewe ubwoba no kubona ibyaha bihishwe mu mibereho yabo bagaragarizwa rubanda bahinda umushyitsi; maze bubika umutwe bariyufura umwe umwe, basiga uwo mugore imbere y’Umukiza w’umunyampuhwe.

Yesu yongera guhaguruka maze abaza uwo mugore ati :“Wa mugore we, ba bandi bakuregaga bari he? Ntawe uguciriyeho iteka? Arasubiza ati : Ntawe Databuja. Yesu aramubwira ati : Nanjye singuciriyeho iteka, genda ntukongere gukora icyaha.”

Uwo mugore yari ahagaze imbere ya Yesu ahinda umushyitsi. Aya magambo ngo : “Muri mwe udafite icyaha abe ari we ubanza kumutera ibuye,” yumvikanye mu matwi y’uwo mugore nk’iteka ryo gupfa. Ntiyatinyuka kubura amaso ngo arebe Umukiza, ahubwo yategereje atuje ko iryo teka yaciriwe rishyirwa mu bikorwa. Nuko arumirwa abonye abamuregaga bagiye umwe umwe bamwaye; nuko bidatinze yumva mu matwi ye amagambo y’ibyiringiro ngo : “Nanjye singuciriyeho iteka, genda ntukongere gukora icyaha.” Yumiwe mu mutima yikubita ku birenge bya Yesu, maze n’amarira menshi agaragaza urukundo amukunze; kandi yatura icyaha cye abogoza amarira.

Muri we, habaho gutangira imibereho mishya iboneye kandi y’amahoro, maze yiyegurira umurimo w’Imana.

Mu kwegura uwo mutima waguye, Yesu yakoze igitangaza gikomeye kiruta

gukiza indwara y'umubiri yananiranye; yari amukijije indwara mbi y'iby'umwuka yajyaga kuzamurimbuza by'iteka ryose. Uyu mugore amaze kwihana, yabaye umwe mu bigishwa bakomeye ba Yesu. Kubera imbabazi zitagira akagero yagiriwe nk'inyiturano, uwo mugore yagaragaje urukundo rwo kwitambaho igitambo no kwitanga atizigamye.

Mu kubabarira uyu mugore no kumutera inkunga ngo abashe kugira imibereho irutaho kuba myiza, imico ya Yesu yarabagiranye mu bwiza bwo gukiranuka kuboneye. Yesu adakerensheje icyaha cyangwa se ngo apfobye ububi bw'icyaha, ntabwo yihatira gucira abantu ho iteka, ahubwo yihatira kubakiza. Ab'isi bari bagize uyu mugore urw' amenyo; ariko Yesu amubwira amagambo y'ibyiringiro no kumuhumuriza. Utigeze amenya icyaha agirira impuhwe intege nke z'umunyabyaha, kandi akamuramburira amaboko y'ubutabazi. Aho abafarisayo b'indyarya baciraho abandi iteka, Yesu aravuga ati : “Genda ntukongere gukora icyaha.”

Umwigishwa wa Kristo, ntakwiriye kuvana amaso ye ku bazimira maze ngo abareke bakomeze urugendo rwabo rubaganisha mu irimbukiro. Abihutira kurega abandi, no kubakurubanira mu nkiko, akenshi usanga ari bo banyamafuti kurusha abo barega. Abantu banga abanyabyaha nyamara bagakunda icyaha. Ariko Kristo we yanga icyaha agakunda abanyabyaha. Umutima umeze nk'uwo ni wo ukwiriye kugirwa n'abigishwa. Urukundo rwa gikristo ntirwihutira guhana, ahubwo rwihutira kugenzura ibimenyetso byo kwihana, kandi rugahora rwiteguye kubabarira, gukomeza no gusubiza mu nzira yo gukiranuka umuntu uzimira.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 7:16-36,40-53; 8:1-11.
2. Abaroma 10:20,21.
3. Yesaya 24:23; Zaburi 72:8. 4. Yohana 7:17.

*** **

51. UMUCYO W'UBUGINGO



«Yesu yongera kubabwira ati : Ninjye mucyo w'isi; unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo.¹» Yesu yavugiye ayo magambo imbere y'urusengero aho bakoreraga imihango y'iminsi mikuru y'ingando. Muri icyo kibuga hagati hari hashinze ibiti bibiri binini bajyaga bamanikaho igitereko cy'itara rinini. Nyuma y'igitambo cya nimugoroba amatara

yose yaracanwaga maze urumuri rwayo rugakwira mu murwa wose w'i Yerusalemu. Umugambi w'uwo muhango wari uwo kwibutsa inkingi y'umuriro yayoboraga abisiraeli mu butayu. Na none kandi babonaga ko washushanyaga kuza kwa Mesiya. Nuko umugoroba waza amatara yaka ku kibuga, hakaba ibikino by'umunezero mwinshi. Abasaza b'imvi, abatambyi bo mu rusengero ndetse n'abakuru b'ubwo bwoko bakabyina imbyino zinejeje, bavuzza amakondera aherekejwe n'indirimo z'Abalewi.

Muri urwo rumuri rw'i Yerusalemu, abaturage bagaragazaga ibyiringiro byabo by'uko Mesiya azaza agakwiza umucyo mu Isiraeli yose. Mu maso ya Yesu, iyi pica yari ifite ubusobanuro bukomeye cyane. Nk'uko amatara y'urusengero yaka yamurikaga ahayakikije hose, niko Kristo we Soko y'umucyo mu by'umwuka, amaraho umwijima w'isi. Nyamara iki kimenyetso ntabwo cyari cyuzuye. Urumuri runini rw'izuba iryo ukuboko kwe kwashyize mu kirere, ni ryo rigaragaza neza icyubahiro cy'umurimo wamuzanye.

Igitondo cyatangaza, izuba rikarasira mu mpinga y'umusozi wa Elayono, maze umucyo w'agatangaza ukarasira ku ngoro yubakishijwe amabuye ya Marimari bigatera izahabu yo ku rusengero kubengerana, maze Yesu avuga cyane arengurira kuri icyo gikorwa ati : “Ndi umucyo w'isi”

Nyuma y'igihe, uwabaga yumvise amagambo ya Yesu akanitegereza iyo pica, yari akwiye kuvuga aya magambo y'ingenzi agira ati : “Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu. Uwo mucyo uvira mu mwijima, ariko umwijima ntiwawumenya.” Uwo mucyo ni wo mucyo nyakuri; kandi ubwo nibwo yatangiraga kuza mu isi ngo amurikire umuntu wese². Hari hashize imyaka itari mike Yesu azamuwe mu ijuru ubwo Petero yandikaga ashorewe n'Umwuka wera, akibutsa ikimenyetso Yesu yakoresheje ngo : “Nyamara rero dufite ijambo ryahanuwe, rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabandurira mu mitima yanyu.”³

Mu bihe byose umucyo wabaye ikimenyetso cyo kwigaragaza kw'Imana mu bwoko bwayo. Mbere na mbere Jambo waremye yategetse umucyo kuvira mu mwijima. Umucyo wari utuye mu nkingi y'igicu yajyanaga n'abisiraeli ku manywa, maze nijoro igahinduka inkingi y'umuriro. Umucyo w'agatangaza kandi uteye ubwoba ni wo wari ugose Uwiteka ku musozi wa Sinai. Na none uwo mucyo ni wo warabagiraniraga hejuru ya Shekina yabaga mu ihema ry'ibonaniro; ni wo waje kuzura mu rusengero rwa Salomo igihe barutahaga. Uwo mucyo niwo warabagiraniye mu misozi y'i Betelehemu igihe abamaraika bazaniraga inkuru yo gucungurwa abashumba bari baraririyeye imikumbi yabo.

Imana ni umucyo, kandi igihe Yesu yavugaga aya magambo ngo : “Ndi umucyo w'isi” yari ahamije ko ari umwe n'Imana anashimangira isano afitanye na bene muntu. Ni we wategetse ko “umucyo uvira mu mwijima.”⁴ Yesu ni we wahaye izuba n'ukwezi n'inyenyeri kumurika. Umucyo w'iby'umwuka warabagiraniraga mu bisiraeli binyuze mu bimenyetso, amapica n'ubuhanuzi, wari we. Uwo mucyo ntabwo wari ugenewe ubwoko bw'abayuda bonyine. Kandi nk'uko imirasire y'izuba icengera ikagera no ku mpera z'isi, niko umucyo w'Izuba ryo gukiranuka, umurikira buri muntu wese.

“Yari umucyo nyakuri, kandi ubwo yazaga mu isi yaziye kugira ngo amurikire umuntu wese.” Isi yagize abigisha bakomeye b'ibihangage n'abanyabwenge ndetse n'abashakashatsi kabuhariwe, imvugo yabo yashimishaga ibitekerezo kandi ubwenge bwabo babukwiye ahantu hanini, abo bantu bashimwe ko bari abayobozi n'abagiraneza b'ubwoko bwabo. Nyamara hari umwe ubaruta bose. “Icyakora abamwemeye bese yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana.”

“Uhereye kera kose nta muntu wigeze abona Imana, ahubwo Umwana w’ikinege uri mu gituza cya Se, ni we wayimenyekanishije.”⁵ Guhera kera mu mateka y’isi, hagiye habaho abantu b’ibirangirire mu isi, umucyo yari yarababanjirije. Nk’uko ukwezi n’indi mibumbe igaragiye izuba, igarura urumuri rw’izuba, ni nako abahanga bo ku isi, iyo ibyigisho bya bo ari ukuri, baba bari kumurika umucyo w’imirasire iva kuri Zuba ryo gukiranuka. Igitekerezo cyose, gikomeye, umurabyo wose w’ubwenge bikomoka kuri Mucyo w’isi. Muri iki gihe abantu bogagiza inyigisho zo mu rwego rwo hejuru, nyamara nta nyigisho y’ukuri isumba izindi uretse ifite isoko mu «wo ubutunzi bwose bw’ubwenge no kumenya byahishwemo.» «Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w’abantu.⁶» Yesu yaravuze ati : “Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azagira umucyo w’ubugingo.”

Yesu mu kuvuga ati : “Ndi umucyo w’isi”, yari ahamije ko ari Mesiya. Umukambwe Simiyoni, muri urwo rusengero aho Yesu yari arimo kwigishiriza, yari yaramwerekanye muri aya magambo ngo : “Ashyiriweho kuba umucyo uvira amahanga, no kuba ubwiza ku bwoko bwa Isiraeli.”⁷ Ubwo Simiyoni yari avuze kuri Yesu ubuhanuzi bw’ikimenya bose ku mwisiraeli wese. Mu by’ukuri Umwuka wera yari yaravugiye mu kanwa k’umuhanuzi Yesaya ngo : “Kuba umugaragu wanjye, ugakangura umuryango wa Yakobo, ukagarura abisiraeli; nzaguha kuba umucyo wo kuvira amahanga kugira ngo agakiza kanjye kagere ku mpera y’isi.”⁸ Muri rusange ubu buhanuzi bwerekezaga kuri Mesiya; igihe Yesu yavugaga ati: “ndi Umucyo w’isi”, ntibashoboraga kwibuza kubona ko yitanze atyo nk’uwari warasezeranywe.

Ku bafarisayo n’abakuru ibyo byabaye ubwirasi no kwigereranya. Ntibashoboraga kwihanganira igitekerezo cy’uko umuntu umeze nka bo yavuga ibintu bisa bityo. Bigize nk’abatazi ayo magambo baramubaza bati : “Urinde?” Bizeraga ko bamuhata bigatuma yihamya ko ari Kristo. Imyifatire n’imirimo ye byari bihabanye n’ibyo rubanda rwari rutegereje cyane cyane ibyo abanzi be b’indiyarya bibwiraga, kuko iyo aza kwihamya ko ari Mesiya, baba baramwanze bavuga ko ari umubeshyi.

Kuri iki kibazo ngo : “Uri nde?” Yesu yabasubije agira ati : “Ndi uwo nababwiye guhera mbere hose.” Amagambo ye yahamywaga n’imico ye. Yari ukuri

kw'ibyo yigishaga. Arongerera ati : “Ntacyo nkora ku bwanjye, ahubwo nkora uko Data yanyigishije, kandi ni nako mvuga.” “Kandi Uwantumye turi kumwe, ntiyansize jyenine kuko mpora nkora ibyo ashaka.” Mu cyimbo cyo gutanga ibihamya ko ari Mesiya, Yesu yihamije ko ari umwe n’Imana. Iyo imitima yabo ikingukira urukundo rw’Imana, baba barakiriye Yesu.

Kandi kubera ko benshi mu bamwumvaga bifuje kumugana kubwo kwizera, yarababwiye ati : “Nimuguma mu ijambo ryanjye, muri abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura.”

Abafarisayo bumva bashenguwe n’ayo magambo ye. Bibagirwa ko ari imbata z’abanyamahanga uhereye igihe kirekire, maze bavugira hejuru bati : “Ko turi urubyaro rwa Aburahamu, akaba ari ntabwo twigeze na hato tuba imbata y’umuntu wese, uvugiye iki ngo tuzabaturwa?” Yesu yitegereza uburyo abo bagabo ari imbata z’uburyarya bwabo, batagira ikindi batekereza uretse kwihorera maze abasubizanya agahinda ati : “Ni ukuri n’ukuri ndababwira ko umuntu wese ukora ibyaha, aba ari imbata y’icyaha.” Bari baraheze mu bubata buruta ubundi kuba bubi bategekwa n’umwuka w’umubi.

Umutima wose wanga kwiye gurira Imana, uba wishyize mu butware bw’indi mbaraga. Ntabwo uba wigenga. Ubasha kuvuga ibyo kwishyira ukizana; ariko mu by’ukuri uba uri mu bubata bw’ubuhanya. Ntabwo ubasha kubona ubwiza bw’ukuri, kuko uba warigaruriwe na satani. Nubwo wirata ko wumvira ibitekerezo byawo bwite uba warabaswe n’ubushake bw’umutware w’umwijima. Kristo yazanywe no gucagagura ibihindizo by’ububata bw’icyaha buboshye umutima. «Nuko rero Umwana nababatura, muzaba mubatuwe by’ukuri.» «Kuko itegeko ry’umwuka w’ubugingo bwo muri Kristo Yesu ryambatuye ububata bw’ibyaha n’urupfu.⁹»

Nta mananiza ari mu murimo wo gucungura. Nta mbaraga yo hanze ibyivangamo. Umuntu iyo ayoborwa n’Umwuka w’Imana, aba afite uburenganzira bwo guhitamo uwo ashaka gukorera. Mu gihe cyo guhinduka kuzanwa n’uko umuntu yiyeguriye Kristo, uwo mutima uba ufite umudendezo wuzuye. Umutima ubwawo ni wo wanga icyaha. Ni iby’ukuri koko twebwe ubwacu nta bushobozi dufite bwo kwikura mu bubata bwa satani; ariko iyo dushatse kubaturwa ku cyaha, maze akaga turimo kakadutera gutaka dusaba imbaraga mvajuru, icyo gihe umutima

n'ubwenge byinjirwamo n'imbaraga y'Umwuka wera; akatubashisha kumvira ibyemezo by'ubushake buhuje n'ubushake bw'Imana.

Kubaturwa k'umuntu gushoboka gusa: igihe abaye umwe na Kristo. «Ukuri ni ko kuzababatura,» kandi rero Kristo ni we kuri. icyaha kinesha ari uko giciye umutima intege, maze kikawirukanamo ukwishyira ukizana. Kwiha Imana, ni ugukanguka ukagira icyubahiro nyakuri no kwiha agaciro ka kimuntu. Amategeko y'Imana twumvira ni «amategeko atera umudendezo.¹⁰»

Abafarisayo bari bahamije ko ari abana ba Aburahamu. Yesu ababwira ko ibyo byashoboka ari uko bakora imirimo nk'iy'Aburahamu. Abana ba Aburahamu by'ukuri ni abafite imibereho nk'iye, imwe yumvira Imana. Ntabwo ari abashaka kwica uwabazaniye ukuri nk'uko yaguhawe n'Imana. Abigishamategeko mu kugambanira Kristo, ntabwo bari bashohoje imirimo nk'iy'Aburahamu. Kuba bari urubyaro rwa Aburahamu mu buryo bw'umubiri, ibyo nta gaciro byari bifite. Uba umwana we, iyo ugirana isano na we mu by'umwuka, bikagaragazwa no kugira umwuka wamukoreshaga, no gukora imirimo nk'iye.

Amahame nk'ayo ni yo agikoreshwa mu kibazo kigibwaho impaka mu bakristo, ikibazo cy'uruhererekane rw'intumwa. Nk'uko urubyaro rw'Aburahamu rwari ruri atari kubw'izina cyangwa amavuko, ahubwo kubwo kugira imico ihuye, niko n'uruhererekane rw'intumwa rudashingiye ku guhererekanya ubutware bw'itorero, ahubwo biterwa n'isano y'iby'umwuka. Imibereho igengwa n'umwuka wari mu ntumwa, kwizera no kwigisha ukuri babwirizaga, ibyo ni byo bimenyetso nyakuri by'uruhererekane rw'intumwa. Ibyo ni byo bitanga uburenganzira bwo kwibona nk'umusimbura w'ababwiriza ba mbere b'ubutumwa bwiza.

Yesu yanze ko abayuda biyita abana b'Aburahamu. Yarababwiye ati : «Ibyo mukora ni nk'ibya So.» Nuko bamusubiza bamunyangaga bati : «Ntituri ibibyarwa, ahubwo dufite Data umwe ni we Mana.» Mu kuvuga ibyerekeranye no kuvuka kwe, bashakaga kwiyeza kuri Yesu imbere y'abari batangiye kumwizera. Yesu atitaye na gato kuri ako gasuzuguro bamweretse, arababwira ati : «Iyaba Imana yari So, muba munkunze, kuko naje nkomotse ku Mana.»

Imirimo yabo yahamyaga isano bafitanye n'uwahereye kera kose ari umubeshyi kandi ari umwicanyi. Yesu yarababwiye ati : «Mukomoka kuri so satani, kandi ibyo so ararikira, ni byo namwe mushaka gukora. Uwo yahereye kera kose ari umwicanyi, kandi ntiyahagaze mu by'ukuri, kuko kutari muri we Ariko jye kuko mbabwira iby'ukuri ntimunyizera.» Kuko Yesu yavugaga ukuri adaciye ku ruhande, nicyo cyatumye abatware b'abayuda badashaka kumwemera. Ukuri kwakomeretsaga izo ngirwabakiranutsi. Ukuri kwashyiraga ahabona amafuti y'ibinyoma byabo; kugaciraho iteka inyigisho zabo n'imyifatire yabo; nicyo cyatumye batamwakira. Aho kwicisha bugufi ngo bemere ko bari mu makosa, bahisemo guhumiriza amaso yabo ngo batabona ukuri. Ntabwo bakundaga ukuri ntabwo bakwifuzaga, nubwo kwari ukuri.

Ni nde muri mwe unshinja icyaha? Ko mvuga ukuri, ni iki gituma mutanyizera ? Uko bukeye n'uko bwije mu gihe cy'inyaka itatu yose, abanzi ba Kristo bamukurikiraga bashaka kureba ko babona ikizinga mu mico ye. Satani n'ingabo ze zose bakoze uko bashoboye kose ngo bamutsinde, nyamara nta kantu na gato babonye kababera inyunganizi. Abadaimoni ubwabo babonye ibyo, bibatera guhamba ko ari « Uwera w'Imana.¹¹ » Yesu yari afite imibereho ihuje n'amategeko mu maso y'ijuru n'andi masi atigeze kumenya icyaha, ndetse no mu maso y'abantu b'abanyabyaha. Imbere y'abamarayika n'imbere y'abantu ndetse n'imbere y'abadayimoni Yesu yavuze ijamba ry'ubushotoranyi mu gihe iyo rijya kuvugwa n'akandi kanwa kwari ugutuka Imana. Yaravuze ati : «Ahubwo nubaha Data, kuko mpora nkora ibyo ashima. »

Kuko abayuda batemeye kumwakira nubwo nta cyaha bamubonyeho byari byagaragaye ko ntacyo ahuriyeho n'Imana. Ntibamenye ijwi ry'Imana ryumvikaniraga mu butumwa bw'Umwana wayo. Mu gihe bibwiraga ko baciriye ho iteka Kristo, mu by'ukuri ahubwo nibo biciriyeho iteka. Yesu yaravuze ati : « Uw'Imana yumva amagambo y'Imana. Mwebwe igituma mutumva ni uko mutari ab'Imana. »

Iki cyigisho kigumana agaciro kacyo uko ibihe bihaye ibindi. N'ubu kiracyabwira umuntu ugishaka kujya impaka, gukerensa, no gushaka amakosa mu Ijambo ry'Imana, maze akibwira ko aho ariho ahamiriza ubwigenge bwo guca imanza kwe no kujambura kwe. Yizera ko ashobora kwigira umucamanza wa

Bibliya mu gihe mu by'ukuri ari we ubwe wicira urubanza. Agaragaza ubuswa bwe bwo kutamenya guha agaciro ukuri kuvuye mu ijuru kandi guhoroaho iteka. Ntabwo aterwa ubwoba no gukiranuka kw'Imana kuri imbere ye kumeze nk'umusozi munini. Yita ku kwishakira amagambo adafite umumaro kandi adafashe, maze akagaragaza kamere ye y'umubiri itagutse idashobora kubaha Imana. Umutima wemeye umuhamagaro w'Imana, uhora ushakashaka kumenya Imana biruseho, ibyo rero bikabasha gutunganya no gukomeza imico. Nk'uko ururabyo rwerekera aho izuba rirasira kugira ngo umucyo waryo utume rugira ubwiza buhebuje niko umutima ugomba guhindukirira Zuba ryo gukiranuka kugira ngo umucyo wo mu ijuru uwuhe ubwiza bw'imico yawo. Uwushyiramo ubuntu bwo kubonera kwa Kristo.

Yesu akomeza amagambo ye agaragaza itandukaniro riri hagati y'imyifatire y'Abayuda ni iy'Aburahamu avuga ati : « Aburahamu Sekuruza wanyu yifujije cyane kureba umunsi wanjye, kandi awubonye aranezerwa. »

Aburahamu yifuje cyane kureba Umukiza wasezeranywe. Yasabye yinginga ngo : abashe kubona Mesiya mbere y'uko apfa, kandi yabonye Kristo. Ayobowe n'umucyo w'akataraboneka, yamenye imiterere y'ubumana bwa Kristo. Abonye umunsi we, arawunezererwa. Yahawe kurabukwa igitambo cy'Imana gikuraho ibyaha. Ibyamubayeho we ubwe byamubereye ikimenyetso cy'icyo gitambo. Yahawe itegeko ngo : « Jyana umwana wawe, Umwana wawe w'ikinege ukunda Isaka... abe igitambo cyoswa.¹² » Aburahamu ashyira umwana we w'isezerano ku gicaniro gitambirwaho, kandi muri uwo mwana ni ho ibyiringiro bye byose byari bishingiye. Nuko igihe yari abanguye ukuboko ngo amusogote nk'uko itegeko ryo mu ijuru ryari ryamutegetse, ijwi rivuye mu ijuru riramubwira riti : « Ntukoze ukuboko kuri uwo muhungu, kuko ubu menye yuko wubaha Imana, kuko utanyimye umwana wawe w'ikinege.¹³ » Icyo kigeragezo gikomeye cyikubise kuri Aburahamu kugira ngo bimubashishe kubona umunsi wa Kristo, ngo asobanukirwe urukundo rukomeye Imana yakunze abari mu isi, urukundo rukomeye cyane rwatumye idatinya gutanga Umwana wayo w'ikinege ngo apfe urupfu rukojeje isoni, kugira ngo Imana ibone uko izahura abantu bari barokamwe n'ibibi.

Aburhamu yigishijwe n’Imana icyigisho gikomeye cyane umwana w’umuntu wese upfa ashobora kwigishwa. Yari yasabye Imana ngo azabone Kristo mbere y’uko apfa, isengesho rye ryarumviswe. Abona Kristo kandi yerekwa icyo umwana w’umuntu ashobora kubona kandi akaba muzima ntapfe. Mu kwitanga ataziganije, Aburhamu yashoboye gusobanukirwa iyerekwa ry’ibya Kristo yahawe. Yeretswe ko mu gutanga Umwana wayo w’ikinenge ngo akize abanyabyaha urupfu rw’iteka ; Imana yari itanze igitambo gikomeye kandi gitangaje kitari cyarigeze gusabwa umuntu numwe.

Icyitegererezo cya Aburhamu cyatanze igisubizo kuri iki kibazo ngo : « Mbese nditwara k’Uwiteka ngapfukamira Imana isumba byose nyituye iki ? Nayitwaraho njyanye ibitambo byoswa n’inyana zimaze umwaka ? Aho Uwiteka yakwemera amapfizi y’intama ibihumbi cyangwa imigezi y’amavuta ya Elayo inzovu ? Ese natanga imfura yanjye ku gicumuro cyanjye, imbuto y’umubiri wanjye nkayihonga ku cyaha cy’ubugingo bwanjye ?⁴ » Amagambo ya Aburhamu ngo : « Mwana wanjye, Imana iri bwibonere umwana w’intama w’igitambo cyo koswa,¹⁵ » n’igitambo Imana yemeye mu kigwi cya Isaka, byigishije ko nta muntu ubasha kwihongerera ku bw’ibyaha bye. Imikorere y’abapagane yo gutamba ibitambo ntishobora kwemerwa mu maso y’Imana. Nta mubyeyi n’umwe wagombye gutanga umuhungu cyangwa umukobwa we ho igitambo kimukuraho ibyaha. Umwana w’Imana wenyine ni we ushobora kwikorera ibyaha by’abari mu isi.

Mu mubabaro we ubwe, Aburhamu yashoboye kwitegereza umugambi w’igitambo cy’Umukiza. Ariko Abisiraeli, ntibashakaga gusobanukirwa ibidashimisha umutima w’ubwibone. Abumvaga Yesu ntibarebye neza ubusobanuro bwimbitse bw’amagambo Kristo yavugaga yerekeranye na Aburhamu. Ku bafarisayo ayo magambo yongeye kubaha impamvu zo kongera kumuhakana. Basubije bamukwena bagira bati : « Ko utaramara imyaka mirongo itanu Aburhamu wamubonye ute ! »

Yesu abasubiza ashize amanga ati : « Ni ukuri ni ukuri, ndababwira ukuri ko Aburhamu ataravuka, ndiho. »

Inteko yose yari iri aho, iraceceka. Umwigisha w’i Galilaya yari avuze izina ry’Imana yiyeretse Mose kugira ngo abasobanurire igitekerezo cy’uko ahoraho iteka ryose. Yari aberetse ko ari ikizima gihoraho ku bwacyo, akaba ari we

wasezeraniwe Abisiraeli, « imirambagirire ye ikaba iy'iteka ryose uhereye kera kose. ¹⁶»

Abigishamategeko n'abatambyi bongera kuvuga ko yigereranije n'Imana. Mu gihe cyari cyashize bari bashatse kumwica bamuziza ko yiyise umwe n'Imana, kandi mu mezi make yari imbere bari kumubwira bati : « Kubw'imirimo myiza ntitugutera amabuye, tuguhora kwigereranya, kuko uri umuntu ukigira Imana. ¹⁷» Kuko yari Umwana w'Imana kandi akabibabwira, nicyo cyabateraga gushaka kumwica. Nuko muri uwo mwanya abahagaze aho bajya mu ruhande rw'abatambyi n'abigishamategeko, batoragura amabuye bashaka kuyamutera. «Ariko Yesu arihisha asohoka mu rusengero.»

«Umucyo uvira mu mwijima, ariko umwijima ntiwawumenya. ¹⁸»

«Yesu akigenda, abona umuntu wavutse ari impumyi. Abigishwa be baramubaza bati : Mwigisha ninde wakoze icyaha, ni uyu cyangwa ni ababyeyi be, ko yavutse ari impumyi? Yesu arabasubiza ati : uyu nta cyaha yakoze cyangwa ababyeyi be, ahubwo ni ukugira ngo imirimo y'Imana yerekanirwe muri we. Amaze kuvuga atyo acira amacandwe hasi, ayatobesha akondo, akamusiga ku maso, aramubwira ati : Genda wiyuhagire mu kidendezi cy'i Silowamu risobanurwa ngo yaratumwe. Nuko aragenda, ariyuhagira, agaruka ahumutse.»

Abayuda bibwiraga ko akenshi ibyaha bitangira guhanirwa muri ubu buzima. Kuri bo umubabaro uwo ari wo wose babonaga ko uzanwa n'igihano cyo kwica itegeko byaba kuri nyir'ukubabazwa cyangwa se ababyeyi be. Ni iby'ukuri koko ko umubabaro wose ari ingaruka zo kwica itegeko ry'Imana, nyamara uko kuri kwavuzwe mu buryo butari bwo. Satani nyirabayazana w'ibyaha n'ingaruka zabyo, ni we wizeza abantu ko indwara n'urupfu bizanwa n'Imana; bikaba ari ibihano ipfa gutanga kubw'ibyaha. Ibyo nibyo byatumaga biyumvisha ko umuntu ugize umubabaro mwinshi cyangwa akagibwaho n'ishyano ari umunyabyaha ruharwa, ibyo bikarushaho kumwongerera umubabaro.

Ibi byateguriraga Abayuda kwanga Yesu. Kuba yarikoreye ubumuga bwacu n'intimba zacu, abayuda bibwiraga ko «yakubiswe n'Imana agacumitwa nayo, maze bamwima amaso.¹⁹»

Imana yari yatanze isomo rigamije kubarinda ibyo. Igitekerezo cya Yobu cyagaragazaga ko umubabaro uterwa na satani, kandi ko muri wo Imana iwerekanyiramo imbabazi zayo zitarondoreka. Iri somo ntacyo ryamariye Abisiraeli. Amakosa Imana yacyahiraga inshuti za Yobu, niyo Abayuda bongeye gusubiramo, maze banga Kristo.

Igitekerezo cy'Abayuda cyerekeranye n'isano icyaha gifitanye n'umubabaro cyari gisangiwe n'abigishwa ba Yesu. Yesu akosora iryo kosa atiriwe abasobanurira impamvu z'ibyago by'uwo muntu; abereka ko ingaruka zabyo ari uko imirimo y'Imana izerekanirwa muri we. Yarababwiye ati : «Nkiri mu isi ndi umucyo w'isi.» Nuko amaze gusiga iyo mpumyi, ayohereza kujya kwiyuhagira mu kidendezi cy'i Silowamu, iyo mpumyi irahumuka. Bityo Yesu aba asubije mu buryo bugaragara ikibazo cy'amatsiko abigishwa be bari bamubajije. Abigishwa be ntibari bagikeneye kumenya Uwakoze icyaha cyangwa utaragikoze; icyo bagombaga kwitaho gusa ni ukumenya ububasha n'imbabazi z'Imana byabashishije impumyi guhumuka. Ni ibyumvikana ibumba nta mbaraga zikiza rifite, haba ndetse n'ikidendezi iyo mpumyi yagiye kwiyuhagiriramo, imbaraga ikiza yari muri Kristo Yesu.

Uko gukira kwateye abafarisayo kumirwa; ariko kubuzuzamo urwango; kuko icyo gitangaza cyakozwe ku muni w'isabato.

Abaturanyi b'uwo musore n'abari bamuzi ari impumyi barabazanya bati : «Uyu si we wicaraga asabiriza?» Bamushidikanyijeho kuko amaso ye yari amaze guhumuka, mu maso he harahindutse, anezerewe ku buryo yasaga n'undi muntu utari ya mpumyi bari bazi mbere. Ikibazo cyavaga kuri umwe kikajya ku wundi bakabwirana bati : Ni we. Abandi bati : arasa nawe. Icyo kibazo cyakemutse ari uko uwo wagiriwe ubuntu avuze ati : Ni njye. Nuko ababwira ibya Yesu n'uburyo yamukijije. Baramubaza bati: «ari hehe? Arabasubiza ati : Simbizi.»

Nuko bamushyira inama y'abafarisayo. Bongera kumubaza uburyo yahumutse, arababwira ati : «yansize akondo ku maso, ndiyuhagira ndahumuka.

Bamwe mu bafarisayo baravuga bati : Uwo muntu si uw’Imana kuko ataziririza isabato.» Abafarisayo bashakaga kugaragaza ko Yesu adashobora kuba Mesiya, kuko ari umunyabyaha. Ntabwo bari bazi ko uwahumuye impumyi ari we wahanze isabato, akaba yari azi amategeko ayigenga. Mu gihe bashyiraga umwete udasanzwe ku isabato bari barimo gutegura umugambi w’ubwicanyi ku isabato. Nyamara benshi bumvise icyo gitangaza basobanukirwa ko umuntu wahumuye impumyi, atari umuntu usanzwe. Kandi mu gihe baregaga Yesu ko ari umunyabyaha kuko ataziririza isabato barabazanyaga bati : «umunyacyaha yabasha ate gukora ibimenyetso bingana bitya ? »

Abigishamategeko babaza iyo mpumyi bati : «ku bwawe umuvugaho iki, ubwo yaguhumuye ? Arabasubiza ati : Ni Umuhanuzi.» Abafarisayo bahakana ko uwo muntu yavutse ari impumyi akaba yahumutse. Bazana abayeyi be maze barababaza bati : «Uyu ni umwana wanyu, muvuga ko yavutse ari impumyi.»

Uwo musore yari ari aho ahamya ko yari impumyi none akaba yahumutse; abafarisayo bahisemo kutemera icyo gitangaza aho kwemera ibyaha byabo. Ibyavugwaga kuri Yesu byari byinshi cyane, kandi gukiranuka kwa gifarisayo kwari uburyarya gusa !

Ibyiringiro by’abafarisayo bisigaye byari bimwe gusa : gutera ubwoba ababyeyi b’uwo muhungu. N’ikibazo cyo gushyeshya barababaza bati : « None yahumuwe n’iki ? » Abo bantu batinya kwiteranya, kuko inkuru yari yakwiriye hose ko umuntu wese uzemera Yesu ko ari Kristo azacibwa mu isinagogi iminsi mirongo itatu, igihe nta mwana w’umuhungu ukebwa, kandi n’upfuye mu rugo rwe ntaririrwe. Abantu babonaga ko icyo cyemezo cyabaga ari ishyano bagushije kandi ko uwabaga yacumuye iyo bitamuteraga kwihana hakurikiragaho ibihano bikaze. Nubwo igikorwa cyiza cyakorewe umuhungu wa bo na bo cyabatangaje, barasubiza bati : « Tuzi yuko uyu ari umwana wacu ; kandi yavutse ari impumyi, none arareba, ariko igituma areba ntitukizi, kandi n’uwamuhumuye ntitumuzi. Nimumwibarize namwe; ni umugabo mukuru arivugira. » Batinye guhamya Kristo, umutwaro wose bawugereka ku muhungu wabo.

Intambara yari hagati mu bafarisayo, ibibazo bya bo by'ibyo bibwira no kwanga kwemera ibyabaye, byahumuye amaso ya rubanda, cyane cyane rubanda rusanze. Yesu yakoreraga ibitangaza ku mugaragaro, kandi ibikorwa bye byari ibyo guhumuriza abababaye. Ku mutima w'abantu benshi hariho iki kibazo ngo : Mbese imirimo nk'iriya, Imana yayikoresha umubeshyi, ko ariko abafarisayo bafata Yesu ? Intambara iba yose kuri icyo kibazo.

Abafarisayo babonaga ko ibyo bakoraga byose byatumaga umurimo wa Yesu urushaho kwamamazwa. Iki gitangaza nta n'umwe wajyaga kugihakana. Impumyi yari yuzuye umunezero n'ishimwe yitegereza ubwiza bw'ibyaremwe, itangazwa n'ibintu biri hano ku isi, ndetse no kureba ku ijuru. Ntabwo yarambirwaga kuvuga ibyamubayeho. Bagerageza kumucecekesha bavuga bati : « Shima Imana, twebwe tuzi ko uwo muntu ari umunyabyaha. » Mu yandi magambo bari bamubwiye bati : reka gukomeza kuvuga ko uwo mugabo yaguhumuye, ni Imana yabikoze. Na we arabasubiza ati : « Niba ari umunyabyaha simbizi, icyo nzi ni kimwe. Ni uko nari impumyi none nkaba ndeba. »

Baramubaza bati : « Yakugenjeje ate ? Yaguhumuye ate ? » Bibwiraga ko nibamubaza ibibazo byinshi batera umutima gushidikanya ngo bitume yibwira ko yibeshye. Satani n'abadaimoni be bari aho hantu iruhande rw'abafarisayo bongera ubukana ku buriganya bwabo ngo batere abandi kutizera Yesu, ngo ibyo bikome umurimo we mu nkokora. Bageragezaga kuniga ibyiringiro byari mu mitima y'abantu benshi. Abamaraika b'Imana na bo bari aho hantu ngo bakomeze uwo muntu wari umaze gukira.

Abafarisayo bibwiraga ko bahanganye n'umuntu w'injiji kandi wavutse ari impumyi ; ntabwo bari bazi uwo barwanya uwo ari we. Umucyo w'Imana warasiraga mu mutima w'iyi mpumyi. Mu gihe izo ndyarya zageragezaga kumuvanamo kwizera kwe, Imana yamufashije kubona ibisubizo byahuranije by'ako kanya, bigatuma atagwa mu mitego yabo. « Arabasubiza ati : Maze kubibabwira ntimwabyumva, icyo mushakira kubyumva ubwa kabiri n'iki ? Mbese namwe murashaka kuba abigishwa be ? Baramutuka baramubwira bati : ni wowe mwigishwa we, ariko twebweho turi abigishwa ba Mose. Tuzi yuko Imana yavuganye na Mose, ariko uwo muntu ntutuzi aho yaturutse.»

Umwami Yesu ntabwo yari ayobewe ikigeragezo uwo mugabo yahuye na cyo; yamuhaye ubuntu bwe, maze amushoboza kwisobanura nk'umuhamya wa Kristo. Ibisubizo yabwiraga abafarisayo kwari ugucyaha gutangaje asubiza abamubazaga. Bari barigize abasobanuzi b'Ibyanditswe byera n'abayobozi b'iryo shyamba mu by'iyobokamana, none biyemerera ko batazi inkomoko y'uwaru ukoze igitangaza, habe ngo banamenye kamere y'ububasha bwe aho yavuye. Uwo musore aravugaga ati : "iri ni ishyamba, ko mutazi aho yaturutse, kandi ari we wampumuye! Tuzi ko Imana itumva abanyabyaha, ariko uyubaha agakora icyo ishaka uwo ni we yumva. Uhereye kera kose ntihari haboneka umuntu wahumuye uwavutse ari impumyi. Iyaba uwo muntu ataravuye ku Mana ntacyo yabashije gukora."

Uwo muntu yari yigabije abamubazaga. Ibitekerezo bye ntibyashoboraga kuvuguruzwa. Abafarisayo barumirwa baraceceka batangazwa n'ayo magambo akomeye. Habaho ituzwa ry'akanya gato. Maze abatambyi n'abigishamategako n'umujinya mwinshi bakenyera ibishura byabo, bamera nk'abashaka kwirinda ko yabanduza; bakunkumura umukungugu wo mu birenge byabo, maze baravugaga bati: "Wowe wavukiye mu byaha bisa ni wowe utwigisha?" Bamusunikira hanze.

Yesu amenye ibyabaye aza amusanga hanze, maze aramubaza ati : "Mbese wizeye Umwana w'Imana?" Bwari bubaye ubwa mbere iyo mpumyi ibona mu maso h'uwayikijije. Imbere y'inama yari yitegereje ababyeyi bamanjiriwe, anareba mu maso h'abigishamategako hari huzuye uburakari, noneho ubu yarebaga mu maso ya Yesu hatuje, kandi huje umunezero. Iyo mpumyi yari yamaze kwemera kwigereza ibyamba ko Yesu ari intumwa y'ijuru; yari yamaze guhishurirwa n'imbaraga mva juru. Nuko ku iki kibazo ngo : "Mbese wizeye Umwana w'Imana ? Iyo mpumyi yaramusubije ngo : "Datubuza ninde nkamwizera?" Yesu aramusubiza ati: "wamubonye kandi ni we muvugana." Uwo muntu agwa ku birenge by'Umukiza, aramupfukamira. Ntabwo amaso y'umubiri ari yo yahumutse gusa, ahubwo n'ay'umutima na yo ni uko. Kristo yigaragarije umutima we, maze amwakira nk'Uwatumwe n'Imana.

Itsinda ry'abafarisayo riramwegera, Yesu abarebye yibuka amacakubiri bazana mu murimo we no mu nyigisho ze. Maze aravugaga ati : "Nazanywe mu isi no guca amateka ngo abatabona barebe, n'ababona bahume." Yesu yazanywe no

guhumura abari impumyi; no kumurikira abagenda mu mwijima. Yitangiye kuba umucyo w'isi, kandi igitangaza yari amaze gukora cyarabihamyaga. Abantu bitegereje Umukiza, ubwo yazaga bagize amahirwe yo kubona ukwigaragaza kw'Imana mu buryo bwuzuye kurusha ikindi gihe cyari cyarabayeho mbere. Ukumenya Imana kwari kwahishuwe mu buryo bunonosoye. Ariko uko guhishurwa ubwako kwaciraga iteka kuri bamwe. Imico ya buri wese yari ishyizwe mu gipimo, ibizaba kuri buri wese byari bimaze kwemezwa.

Kwigaragaza kw'imbaraga z'Imana kwahumuye amaso y'umutima n'ay'umubiri by'impumyi; byasize abafarisayo mu mwijima w'icuraburindi. Bamwe bamwumvaga bumvise ko amagambo ya Yesu ari bo arengerezaho, barabaza bati : “Mbese natwe turi impumyi?” Yesu arabasubiza ati : “Iyo muba impumyi nta cyaha muba mufite.” Iyo Imana itaza kubamenyesha umucyo, ubujiji bwanyu buba bufite ishingiro. “Ariko noneho muvuga ko mureba.” Mwibwira ko mushobora kureba, ariko none dore muranga uburyo bumwe rukumbi bwababashisha guhumuka. Abantu bose biyumvisemo ko bakeneye Kristo, yabafashije mu buryo bwose. Ariko abafarisayo bo banze kwemera ko hari icyo bakeneye. Banze gusanga Yesu, bakomeza kuba impumyi, kandi ni bo nyirabayazana b'ubuhumyi bwa bo. Yesu arababwira ati : “Nuko rero icyaha cyanyu gihoraho”.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 8:12-59; 9.
2. Yohana 1:4,5,9.
3. 2 Petero 1:19.
4. 2 Abakorinto 4:6.
5. Yohana 1:12,18.
6. Abakolosayi 2:3; Yohana 1:4.
7. Luka 2:32.
8. Yesaya 49:6.
9. Abaroma 8:2.
10. Yakobo 2:12.
11. Mariko 1:24.
12. Itangiriro 22:2.
13. Itangiriro 22:12.
14. Mika 6:6,7.
15. Itangiriro 22:8.
16. Mika 5:2.
17. Yohana 10:33.
18. Yohana 1:5.
19. Yesaya 53:4,3.

*** **

52. UMUSHUMBA WAVUYE MU IJURU



Ndi umwungeri mwiza, umwungeri mwiza apfira intama ze. “Ninnye mwungeri mwiza, kandi menya izanjye, izanjye zikamenya, nk’uko Data amenya nanjye nkamumenya, kandi mpfira intama zanjye.”¹”

Yesu yakoresheje amapica bari bamenyereye kugira ngo akabakabe ku mitima y’abamwumvaga. Yagereranyije imbaraga y’Umwuka wera n’amazi amara inyota. Yari yamaze kwigaragaza ubwe ko ari Umucyo, isoko y’ubugingo kandi akaba n’umunezero yaba ku byaremwe kimwe no ku muntu. Ubu noneho mu ipica nziza ya gishumba Yesu yerekana isano iri hagati ye n’abamwizera, buri gihe iyo pica y’ibyo

bahora babona akayihuza n’imibereho ye. Guhera ubwo abigishwa ntibazakomeza guhanga amaso ku bashumba baragiraga imikumbi yabo batibutse inyigisho y’Umukiza. Umwungeri wese wiringirwa azajya abatera kwibuka Kristo, kandi buri gihe uko bazajya babona umukumbi udashobora kwikiza ubwawo ahubwo ubeshwaho n’umushumba, bizajya bibatera kwigereranya na wo.

Mbere hose umuhanuzi Yesaya yakoresheje amagambo ahumuriza agendereye kwerekana umurimo wa Mesiya, muri aya magambo ngo: “Yewe, mwumvishe Siyoni inkuru nziza z’ibyiza, zamuka umusozi muremure yewe wumvishe i Yerusalemu inkuru z’ibyiza, rangurura ijwi rirangurure witinya! Ubwire imidugudu y’i Buyuda uti: dore Imana yanyu... izaragira umukumbi wayo nk’umushumba, izateraniriza abana b’intama mu maboko ibaterure mu gitiza.”²” Dawidi na we mu ruhande rwe yararirimbye ati : “Uwiteka ni we mwungeri wanjye sinzakena.” Na none Umwuka wera yavugiyemo mu kanwa k’umuhanuzi Ezekiel agira

ati : “Nzaziha umwungeri umwe uzaziragira.” “Izari zizimiye nzazishaka n’izari zirukanywe nzazigarura izavunitse nzazunga, izicitse intege nzazisindagiza.” “Kandi nzasezerana na zo isezerano ry’amahoro.” “Ntabwo zizongera kuba iminyago y’amahanga cyangwa gutanyagurwa n’inyamaswa zo mu gihugu, ahubwo zizibera amahoro ari ntawe uziteye ubwoba.”³

Kristo yashyize mu bikorwa ubuhanuzi bwari bumwerekeyeho; kandi agaragaza itandukaniro ryari hagati ye n’abayobozi b’ishyanga rya Isiraeli. Abafarisayo bari bamaze gukura mu mukumbi umuntu wari watinyutse guhamya ububasha bwa Kristo. Bari bavanyeho umuntu Umwungeri w’ukuri yari yagerageje kwireherezaho. Mu gukora ibyo bari bamaze kugaragaza ubuswa mu byerekeranye n’umurimo bari bashinze, maze berekana ko inshingano yabo nk’ab’ubungeri b’umukumbi batari bayikwiye. Yesu yagaragaje neza itandukaniro riri hagati yabo n’Umwungeri mwiza, maze agaragaza ko we ubwe ari Umwungeri w’ukuri w’umukumbi w’Umwami. Yari amaze kubabwira ibye mu ipica itangaje, ubwo yagiraga ati : “Uwinjira mu rugo rw’intama atanyuze mu irembo ahubwo akuririra ahandi, uwo aba ari umujura n’umunyazi. Ariko unyura mu irembo ni we mwungeri w’intama.” Abafarisayo ntibasobanukiwe neza ko ayo magambo ari bo yerekezaho. Mu gihe bari barimo gutekereza bo ubwabo ngo basobanukirwe, Yesu ababwira yeruye ati: “Ninje rembo, umuntu niyinjira muri nje azakizwa, azinjira asohoke kandi azabona urwuri.” Umujura ntazanwa n’ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nzanywe no kugira ngo zibone ubugingo ndetse ngo zibone bwinshi.”

Kristo ni we rembo riganisha ku bushumba bw’ijuru. Muri iryo rembo ni ho abana be bose binjiriye, uhereye mu bihe bya kera cyane. Muri Yesu, nk’uko byagaragajwe n’ibimenyetso, byahishuriwe abahanuzi maze bigashyirwa ahabona n’inyigisho zahawe abigishwa ndetse n’ibitangaza byakorewe abantu, ni ho baboneye “Umwana w’intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi,”⁴ kandi banyuze muri we babashije kwinjizwa mu bushumba bw’ubuntu bwe. Abantu benshi batanze ibitekerezo binyuranye n’imyizerere y’abatuye isi, imihango n’uburyo barabitekereje maze babishyiraho kugira ngo bemeze abantu ko bashobora gutsindishirizwa no kubona amahoro mu Mana, bityo bagashobora kwinjira mu rwuri rwayo. Ariko hariho irembo rimwe rukumbi ni Kristo; kandi abantu bose bashyize ikindi kintu mu cyimbo cye cyangwa bashatse kwinjira mu rugo rw’intama burirye ahandi ni abajura n’abanyazi.

Abafarisayo ntabwo bari barinjiriye mu irembo. Kuba barinjiye mu rugo rw'intama batanyuze muri Kristo byatumye badasohozwa umurimo w'umwungeri mwiza. Abatambyi n'abakuru, abanditsi n'abafarisayo batsembaga urwuri rwiza kandi bakanduza n'amasoko y'amazi abeshaho. Aya magambo y'ubuhanuzi yasobanuye neza iby'abo bungeri gito agira ati: "Izacitse intege ntimwazisindagije, kandi ntabwo mwavuye izari zirwaye n'izivunitse ntimwazunze, izatatanyijwe ntimwazigaruye...ahubwo mwazitegekesheje igitugu n'umwaga."⁵

Mu bihe byose, abahanga n'abanyabwenge bagiye bakora ibishoboka byose ngo bereke ab'isi inyigisho zinezeza umutima. Buri shyamba ry'abapagane ryari rifite abigisha b'abahanga b'ibyatwa n'imisengere yaryo; ibyo babibonagamo inzira y'agakiza itanyuze muri Kristo, ibatera gukura amaso yabo kuri Data wa twese, kandi ikabateza gutinya utanga umugisha. Ayo madini ameze atyo, agendereye kubabuza kumenya Imana kandi ari yo Muremyi utanga agakiza. Abo bigisha b'ibinyoma banacuzaga abantu. Abantu ibihumbi byinshi bayobejwe n'ayo madini y'ibinyoma, bahera mu bubata bw'ubwoba kandi basinziriye mu bugoryi, bashenguka nk'inyamaswa zihuka imitwaro, bakaba hano ku isi badafite ibyiringiro, nta munezero cyangwa ibyirirwa, kandi iby'ahazaza babona ari ibiteye ubwoba gusa. Ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana bwonyine gusa, ni bwo bushobora kuruhura umutima w'umuntu. Kwitegereza urukundo rw'Imana nk'uko rugaragarira mu Mwana wa yo, bikangura umutima kandi bigakuzza imbaraga z'ubwenge. Kristo yaje gushyira mu mutima w'umuntu ishusho y'Imana; umuntu wese ukura abantu kuri Kristo, aba abayobeje isoko nyakuri yo gutungana; aba abavanyemo ibyiringiro, umugambi n'icyubahiro cy'ubugingo. Ni umujura n'umunyazi.

"Uwinjira mu irembo ni we mwungeri w'intama." Kristo ni we rembo akaba n'umwungeri. Yinjira anyuze muri we ubwe. Kubera igitambo cye ahinduka Umwungeri w'intama. "Umurinzi w'irembo aramwugururira, kandi intama zumva ijwi rye, ahamagara intama ze mu mazina yazo, akazahura. Iyo amaze kurekura ize zose, azijya imbere intama zikamukurikira kuko zizi ijwi rye."

Mu nyamaswa zose, intama ni yo yitonda kandi ni yo nyanteye nkeya kuruta izindi; mu burasirazuba umukumbi ukenera umushumba wawo mu buryo

buhoraho ubudatuza. Nkuko bimeze muri iki gihe uhereye kera kose inyuma y'inkike z'umudugudu nta mutekano waharangwaga. Abajura bakomoka mu miryango yo hafi aho bahoraga bazerera n'inyamaswa zavaga mu masenga y'ibitare byahoraga birekereje kugira ngo bisahure imikumbi. Umwungeri yabaga azi ko arinze umukumbi yaragijwe naho ubuzima bwe bwajya mu kaga. Yakobo avuga imirimo ikomeye yakoraga mu gihe yaragiraga imikumbi ya Labani mu nzuri z'i Harani, ati : Nameraga ntya : “Ku manywa nicwaga n'umwuma, nijoro nkicwa n'imbeho, ibitotsi bikanguruka.”⁶ Na none kandi umusore Dawidi igihe yari aragiye intama za se ari wenyine, ubwa mbere yahanganye n'intare ubundi ahangana n'idubu akavana intama zafashe mu mikaka yazo.

Mu gihe umwungeri yaragiraga umukumbi we mu gasozi kariho amabuye cyangwa mu mashyamba cyangwa se mu bikombe, ubundi ahantu hari ubwatsi bwinshi ndetse no hafi y'imigezi yagombaga kuyirinda ijoro ryose, akarinda imikumbi ye abajura; kandi yitaga cyane ku zirwaye n'izifite ubugoryi; mbese imibereho ye yayihwanyaga n'iy'intama ze. Umurunga ukomeye kandi ureze wamuhuzaga n'amatungo ye azirikana. Nubwo umukumbi waba ari munini bingana bite, umwungeri amenya buri ntama yose. Buri ntama yose iba ifite izina ryayo bwite, kandi iyo umushumba azihamagaye ziramwitaba.

Nk'uko umushumba wo ku isi amenya intama ze, niko n'Umushumba wavuye mu ijuru azi umukumbi we watataniye mu isi. “Muri umukumbi wanjye, intama zo mu cyanya cyanjye muri abantu banjye, najye ndi Imana yanyu, niko Uwiteka Imana ivuga.” Yesu aravuga ati : «Naguhamagaye mu izina ryawe nti: uri uwanjye.» «Dore nguciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi.»⁷

Yesu aratuzi buri wese ku giti cye kandi yita ku busembwa bwacu. Azi urugo dutuyemo kandi anazi izina rya buri muntu ururimo. Rimwe na rimwe yajyaga ateguka abagaragu be kujya mu nzira iyi n'iyi yo mu mudugudu uyu n'uuyu n'inzu runaka kugira ngo agarure imwe mu ntama ze.

Buri muntu wese Yesu aramuzi kandi amwitaho cyane nkaho yaba ari we wenyine yafiriye. Umutima we ushengerwa n'intimba za buri wese. Yumva amajwi yose ari mu kaga amutakira. Yaje mu isi kugira ngo yireherezeho abantu bose. Arababwira ati : “Nimunkurikire.” Kandi Umwuka we ukorera mu mitima kugira ngo ubagarure kuri we. Benshi banga kwemera gukururwa na we. Yesu

arabazi. Azi abakirana umunezero umuhamagaro we, kandi biteguye kwishyira mu burinzi bwe nk'umushumba mwiza. Yaravuze ati : «intama zajye zumva ijwi ryanjye ... ndazizi kandi zirankurikira.» Yita kuri buri imwe muri zo nk'aho nta yindi iri ku isi yose.

“Ahamagara intama ze mu mazina yazo maze akazahura.... Intama ziramukurikira kuko zizi ijwi rye.” Umushumba w'i burasirazuba ntabwo ashyira intama ze imbere ngo azigende inyuma. Ntabwo akoresha agahato cyangwa iterabwoba, ahubwo azijya imbere maze akazihamagara. Zizi ijwi rye, kandi iyo azihamagaye ziramwitaba. Umukiza wacu n'umushumba wacu niko agenzereza intama ze. Ibyanditswe byera bigira bita: “Wayoboje ubwoko bwawe nk'umukumbi ukuboko kwa Mose na Aroni.” Yesu avugiyemo mu kanwa k'abahanuzi yaragize ati : “Nagukunze urukundo ruhoraho, nicyo cyatumye ngukuraza ineza nkakwiyegereza.” Ntawe ahatira kumukurikira. Yaravuze ati : “Nagukuruye ineza n'umurunga w'urukundo.”⁸

Ntabwo ari ubwoba bw'igihano cyangwa se ingororano z'iteka bitera abigishwa ba Kristo kumukurikira. Bitegereza urukundo rutagira inenge rw'Umukiza nkuko rwagaragariye mu rugendo rwe rwa hano ku isi, uhereye mu mvure i Betlehemu ukageza ku musaraba w'i Karuvali; maze ibyo babona bikabareshya bishengura imitima yabo bikanayemeza. Urukundo rukavuka mu mitima yabo. Bumva ijwi rye maze bakamukurikira.

Umushumba ajya imbere y'intama ze, akaba ari we ubanza guhangana n'ibitera ubwoba byo mu nzira. Yesu na we ni ko agenzereza ubwoko bwe. «Iyo amaze kwahura ize zose azijya imbere.» Inzira ijya mu ijuru yejeje n'ibirenge by'Umukiza. Birashoboka ko iyo nzira isa n'irimo ibikuku n'ibihanamanga, ariko Yesu yayinyuzemo; amahwa atyaye ayahwamikisha ibirenge bye kugira ngo atworohereze inzira. Yikoreye imitwaro yose dusabwa kwikorera.

Nubwo yazamutse akajya ku Mana maze akicarana na yo ku ntebe y'ubwami bw'ahantu hose, ntabwo yigeze agabanya imbabazi atugirira. Umutima we w'impuhwe n'uyu muni uracyita cyane ku ngorane z'abatuye iy'isi. Ikiganza cye cyatobowe kiracyategereje guha imigisha myinshi abe batuye mu isi. «Ntabwo

zizarimbuka, kandi ntawe ubasha kuzivuvunura mu kuboko kwanjye.» Umutima wiyeguriye Kristo ni uw'igiciro kinini mu maso ye kurusha isi yose. Kugira ngo akize umuntu umwe wo mu bwami bwe, Umukiza yemeye kubabarizwa i Karuvali. Ntabwo azahana na rimwe uwo yapfiriye. Abamukurikira badahisemo kumuvaho, azababumbatira abakomeze.

Mu biturushya byose dufite Umufasha utajya abura. Ntabwo adusigirira ngo turwanye ibigeragezo twenyine, ngo turwanye ikibi, dushengurwe n'amaganya n'intimba. Nubwo amaso y'abantu atamureba ijwi rye ryumvikana mu mitima yacu kubwo kwizera, atubwira ati : « Witinya ... ndi muzima. icyakora nari narapfuye ariko none mporaho iteka ryose.⁹» Nzi intambara zanyu, nahanganye n'ibigeragezo byanyu. Nzi amarira yanyu, kuko nanjye ubwanjye narize. Nzi intimba zo mu mitima yanyu izo ugutwi k'undi muntu kutabasha kumva. Ntimwibwire ko mwatereranywe kandi ko ntawe ubahumuriza. Nubwo nta mutima n'umwe wo ku isi wita ku mubabaro wanyu, nimunyitegereze muzabaho. «Imisozi izavaho n'udusozi tuzakurwaho, ariko imbabazi zanjye ntizizakuvaho, kandi n'isezerano ry'amahoro nagusezeraniye ntirizakuvaho, niko Uwiteka ugira ibambe avuga.¹⁰»

Uko umushumba yaba yita ku ntama ze kose, agirira urukundo rwinshi abahungu be n'abakobwa be. Yesu ntabwo ari umushumba wacu gusa, ahubwo ni na « Data wa twese uhoroaho. » Aravuga ati: “menya izanjye, izanjye zikamenya, nk'uko Data amenya, nanjye nkamumenya.” Mbega amagambo meza ! Umusabano uri mu Mwana w'ikinege uri mu gituzi cya Se, uwo Imana yita “Mugenzi wayo,¹¹” kandi Imana ihoraho ibereyeho guhishura umusabano uri hagati ya Kristo n'abana be hano ku isi.

Yesu aradukunda kubera ko turi impano ya Se n'ikiguzi cy'umurimo we. Adukunda nk'abana be. Basomyi, arabakunda. Nta kindi kintu cy'igiciro kandi kirushaho kuba cyiza ijuru ryabasha gutanga. Mugire ibyiringiro.

Yitaye ku bantu bari ku mpande zose z'isi, bayobye waga n'abungeri gito. Yifuza gukoranyiriza mu rwuri rwe intama zose zatatanirijwe mu masiga; nicyo cyatumye avuga ati: «Mfite n'izindi ntama zitari izo muri uru rugo; nazo nkwiye kuzizana, zizumva ijwi ryanjye, kandi zizaba umukumbi umwe, zigire umwungeri umwe.»

“Data arankunda kuko ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane.” Ibyo bishatse kuvuga ko: Data abakunda cyane nk’uko ankunda, kuko natanze ubugingo bwanjye ngo bube inshungu yanyu. Mu kuba insimbura yanyu ntanga ubugingo bwanjye ho igitambo nkishyura imyenda yanyu n’ibicumuro byanyu, narushijeho gukundwa na Data.

“Ntanga ubugingo bwanjye kugira ngo mbusubirane. Ntawe ubunyaka, ahubwo mbutanga ku bushake bwanjye. Nshobora kubutanga kandi nshobora kubusubirana.” Nubwo yapfuye nk’umwe muri bene muntu, nyamara yari Imana, Soko y’ubugingo bw’abari mu isi. Iyo abishakaga yari kubona urupfu ruje akihungira bityo akanga kuba umuhigo warwo; ariko yatanze ubugingo bwe ku bw’ubushake bwe kugira ngo atubikire ubugingo no kudapfa. Yikoreye ibyaha by’abari mu isi, yakira umuvumo wabo, kandi yemera kuba igitambo kugira ngo abantu badapfa by’iteka ryose. “Ni ukuri intimba zacu nizo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye... Yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Twese twayobye nk’intama zizimiye, twese twabaye intatane; Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese.”¹²

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 10:1-30.
2. Yesaya 40:9-11.
3. Zaburi 23:1; Ezekeieli 34:23,16,25,28.
4. Yohana 1:29.
5. Ezekeieli 34:4.
6. Itangiriro 31:40.
7. Ezekeieli 34:31; Yesaya 43:1;49:16.
8. Zaburi 77:21; Yereimiya 31:3; Hoseya 11:4.
9. Ibyahishuwe 1:17,18.
10. Yesaya 54:10.
11. Zekariya 13:7. 12. Yesaya 53:4-6.

*** *** ***

53. KUVA I GALILAYA BURUNDU



Ari hafi gusozza umurimo we, Yesu yahinduye uburyo bwe bwo gukora¹. Kugeza iki gihe, yajyaga akora uko ashoboye kose ngo yirinde imivurungano cyangwa se kwamamazwa, maze akihisha abantu bashakaga kumuha icyubahiro akava ahantu ajya ahandi yihuta cyane abitewe n'ubwuzu bwinshi abantu bashakaga kumwakirana. Inshuro nyinshi yari yababujije kumwita Kristo.

Mu gihe cy'iminsi mikuru y'ingando, yari yagiye i Yerusalemu mu ibanga kandi urwo rugendo yarwihusemo. Abavandimwe be bahoraga bamusaba kwiyerekana kumugaragarako ko ari Mesiya; yari yababwiye ati: “Igihe cyanjye ntikiragera.”² Yari yagiye i Yerusalemu ntawe umubonye yinjira mu murwa atateguje, nta n'icyubahiro ahawe na rubanda. Ariko mu rugendo rwe ruheruka siko byagenze. Yari yavuye i Yerusalemu yihuse kubera uburyarya bw'abatambyi n'abigishamategeko. Ubu bwo, yiyemeza gusubirayo atihishe, amenyekanisha ko ari bugufi kuhagera. Kuko yari agiye kuba igitambo, ni yo mpamvu byari ngombwa ko atuma rubanda rwose bamubona.

«Nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko n'Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa ku giti.³» Abisirayeli bose bari bahanze amaso yabo kuri iyo nzoka, kuko yari ikimenyetso cyo gukira kwabo: Uko niko amaso yose akwiriye guhangwa kuri Kristo, we gitambo kizanira agakiza isi yazimiye.

Kubwo kwibeshya ku murimo wa Mesiya no kutizera ubumana bwa Yesu, byatumye abavandimwe be bamuhatira kujya kwigaragaza mu muni mukuru w'ingando. Kubera impamvu zimeze nk'izo, abigishwa bibutse amagambo yababwiye y'ibyendaga kumubaho, kandi bazirikana urwango rwica abayobozi

b'idini bari bamufitiye; nabo bifuza kumvisha Umwigisha wabo ko agomba kujya i Yerusalemu.

Kuri Kristo, uwo wari umurimo umukomereye cyane kugendana n'abigishwa yakundaga buzuwemo n'ubwoba, intege nke no kutizera. Byari bimuruhije cyane kuberekeza mu gahinda n'ubwihebe byari bibategereje i Yerusalemu. Kandi satani na we ubwo yari aho kugira ngo yuzuze Umwana w'umuntu ibigerageze bye. Kuki agiye i Yerusalemu kandi urupfu rumurindiriye yo? Impande zose imitima ifitiye inzara n'inyota umutsima w'ubugingo, imitima irushye itegereje ijambo ry'agakiza. Kandi nibwo yari akimara gutangiza umurimo w'ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwe. Na we kandi aracyari umusore.

Kuki atigira mu yindi mirima migari yo ku isi, abashyiriye ijambo ry'ubuntu bwe n'imbaraga ye ikiza? Kuki atishimira guha umunezero n'umucyo ibiremwa bitabarika byicaye mu mwijima no mu mubabaro? Kuki yemera gusigira abigishwa be umurimo wo gusarura kandi bafite kwizera guke batanasobanukiwe kandi bakaba banakorana ubunebwe? Kuki agiye guhangana n'urupfu kandi umurimo we ukiri mu ntangiriro? Umwanzi wasakiranye na Kristo mu butayu, ubu yari yongeye kuvugurura ibitero bye ku buryo bukaze kandi atazuyaje. Iyo Kristo aza gutezuka akanya gato gusa, iyo ahindura imyifatire ye kugira ngo yikize we ubwe, ibikoresho bya satani byari kuba bitsinze maze isi ikarimbuka buheriheri.

Ariko Yesu afata «icyemezo gihamye cyo kujya i Yerusalemu.» Itegeko rimwe rukumbi ryo mu mibereho ye ryari ugukora ibyo Se ashaka. Mbere ubwo yajyaga gusura urusengero akiri umwana muto yabwiye Mariya ati : «Ntimuzi ko binkwiriye kuba mu rugo rwa Data?» Nanone kandi ari i Kana, ubwo Mariya yamusabaga kugaragaza imbaraga ze zikora ibitangaza yaramusubije ati: «Igihe cyanjye ntikiragera.⁴» Amagambo nk'ayo ni yo yasubirishije abavandimwe, ubwo bari bamusabye kujya mu minsi mikuru. Mu nama ikomeye y'Imana igihe cyashyizweho, ubwo Yesu agomba kwitangira ibyaha by'abantu: icyo gihe cyari kigiye kugera; nta kigomba kukibuza. Nuko Yesu ahindukiza intambwe ze yerekeza i Yerusalemu, aho ni ho kuva kera kose abanzi be bagenzerezaga ubutumwa bwe noneho yari agiye kubishyira mu maboko yabo, atambukana ubutwari yerekeza ku karengane, aho bazamwihakanira, agacirwaho iteka ryo gupfa ndetse akicwa.

“Atuma integuza imbere ye” «ziragenda zijya mu kiororero cy’abasamaliya» kumutegurira icumbi. Ariko ntibamwakira kuko yari yerekeje i Yerusalemu. Kubera urwo rugendo, abasamaliya bibwiraga ko Yesu yitaga cyane ku bayuda kandi bo barabangaga urunuka. Bajyaga kumwakirana umunezero mwinshi iyo aza kuba aje kuvugurura urusengero ngo bongere kujya basengera ku musozi wa Gerizimu; ariko kuko yari yigiriye i Yerusalemu, banga kumucumbikira. Ntabwo bari bazi ko banze impano ihebuje yavuye mu ijuru. Yesu yingingiraga abantu kumwakira, ndetse yabasabaga kumugirira neza, kugira ngo abone uko abegera maze abahe imigisha ye itarondoreka. Ku ngurane y’akantu keza umukoreye n’aho kaba gato cyane, agasubirisha ubuntu bwe bw’igicro cyinshi. Nyamara, urwikekwe n’ubugugu by’abasamaliya byabateye guhomba ibyo byose.

Yakobo na Yohana abo Yesu yari yatumye, bashenguwe n’ibitutsi Umwami wabo atutswe. Kubona abasamaliya baramufashe nabi kandi yari abazaniye umugisha bibatera umujinya. Mu gihe cyari cyashize, ku musozi wo guhindurwa, bari biboneye uburyo Umwami wabo yubahirijwe n’Imana, Mose na Eliya bakamuha ikuzo. Kuba abasamaliya batamwitayeho, byatumye batekereza ko bakwiye igihano ntangarugero.

Bagarurira Yesu amagambo babwiwe n’abo bantu, bamubwira ko bamwimye icumbi naho ryaba ijoro rimwe. Bibwiraga ko abasamaliya bamukoreye ikosa rikomeye; nicyo cyatumye berekeza amaso kure ku musozi wa Karumeli aho Eliya yiciye abahanuzi b’ibinyoma, maze baramubwira bati : “ Databuja urashaka ko duteguka umuriro ngo uve mu ijuru ubarimbure? Batangazwa no kubona amagambo yabo ababaje Yesu cyane, nuko barumirwa bumvise abacyashye cyane ngo : «Ntimuzi umwuka ubarimo, uwo ari wo; kuko Umwana w’umuntu ataje kurimbura abantu, ahubwo yaje kubakiza.⁵»

Nuko Yesu ajya mu kindi kiororero. Ntabwo byari mu murimo we guhatira abantu kumwakira. Satani ni we ukora atyo; kandi abantu buzuwemo n’umwuka we ni bo bihatira guhungabanya imitimanama y’abandi; kubera kwibwira ko bafite ishyamba ryo gukiranuka, abantu bakorana n’abamalaika babi bababaza bagenzi babo babahindurira kugira ibitekerezo byabo mu idini; Kristo ntahwema kutugaragariza ikimenyetso cy’imbabazi yireherezaho abantu, abakurije urukundo. Ntiyihanganira ko mu mutima w’umuntu haba isibaniryo ryo gukorera abami babiri; ntashimishwa n’abitanga igice, ashimishwa n’umukorera abikunze, akitangana umutima we

uhatwa n’urukundo. Umutima wo kurwanya abadakunda umurimo wacu cyangwa se abadakora nk’uko dutekereza, werekana ko twuzuwemo n’umwuka wa satani.

Ikiremawamuntu cyose ni icy’Imana, yaba umubiri, ubugingo ndetse n’umwuka. Kristo yapfiriye gukiza abantu bose. Nta kintu kibabaza Imana cyane nko kubona abantu buzuwemo n’umutima wo gukabya mu by’idini, bakababaza abo Umukiza yatangiye ikiguzi cy’amaraso ye.

«Nuko arahaguruka avayo, ajya mu gihugu cy’i Yudaya no hakurya ya Yorodani; iteraniro ry’abantu ryongera guteranira aho ari, arongera arabigisha nk’uko yari yaramenyereye.⁶»

Mu gihugu cy’i Pereya hakurya ya Yorodani, ahabangikanye n’ubuyuda, niho Yesu yamaze igihe kinini cy’amezi asoza umurimo we. Aho inteko nyinshi zabaga zimukikije, kandi nk’uko byagenze i Galilaya igihe yatangiraga umurimo we, niho yongeye gusubiramo bimwe mu byigisho bye bya mbere.

Kandi nk’uko yari yarigeze kohereza intumwa ze cumi n’ebyiri, noneho «Umwami Yesu, atoranya abandi mirongo irindwi abatuma babiri babiri ngo bamubanzirize bajye mu mujyi wose n’aho yendaga kujya hose.» Abo bigishwa bari bamaze igihe gito bigira kuri Yesu iby’umurimo wabo. Mu gihe abigishwa cumi na babiri bakoraga umurimo wa bo ahandi, abandi bigishwa baherekezaga Yesu agendagenda i Galilaya. Uko ni ko bifatanije na we; maze bajya mu buyobozi bwe bwite. Ubu rero abo bigishwa benshi nabo bagombaga kujya mu murimo wabo ahandi. Abo bigishwa mirongo irindwi bahawe ibyigisho nk’ibyahawe babandi cumi na babiri; uretse ko abo cumi na babiri babujijwe kwinjira mu midugudu y’abapagane cyangwa se y’abasamaliya. Abasamaliya bo bari bamaze kwirukana Yesu, ariko ibyo ntibyagabanije urukundo yabakundaga. Maze igihe yoherezaga abo mirongo irindwi ngo bigishe mu izina rye, bahera mu midugudu y’i Samariya.

Urugendo rw’Umucunguzi i Samariya, n’uburyo hanyuma yaje gushima umusamariya mwiza, kimwe n’umunezero wazanywe n’uko umubembe umwe w’umusamariya mu babembe icumi ari we wenyine wagarutse gushima Yesu; ibyo byose byagize ubusobanuro bukomeye mu maso y’intumwa. Iryo somo riyanditse

cyane mu buryo bwimbitse mu mitima y'intumwa. Ku itegeko Yesu yabahaye mbere y'uko azamurwa mu ijuru, yababwiye ko imidugudu ya Samariya na Yerusalemu ndetse n'i Buyuda, ariyo bari bakwiriyeye kubanzirizamo kubwiriza ubutumwa bwiza. Inyigisho ze zari zarabateguriye kubahiriza iryo tegeko. Maze igihe bajyaga i Samariya mu izina ry'Umwigisha wabo, basanze abantu biteguye kubakira. Amagambo ya Kristo yo gushima n'ibikorwa bye by'imbabazi agirira abo mu ishyamba ryabo, byari byinjijye mu matwi y'Abasamaliya. Bibonera ko yari abafitiye urukundo, nubwo bamwakiranye inabi nyinshi, maze imitima yabo irakabakabwa. Amaze kuzamuka mu ijuru, bakirana intumwa z'Umukiza umutima ukunze, aho abigishwa bahabonera umusaruro w'igiciro kinini, mu bahoze ari abanzi babo gica. «Urubingo rusadutse ntazaruvuna, n'urumuri rucumba ntazaruzimya, ahubwo azazana gukiranuka n'ukuri. Kandi amahanga azizera izina rye.⁷»

Ubwo Yesu yoherezaga abo mirongo irindwi, yabihanangirije nk'uko yari yabwiye ba bandi cumi na babiri abumvisha ko batagomba guhata abatazashaka kubakira babikunze. «Ariko umudugudu wose mujyamo ntibabakire, musohoke mujye mu nzira zaho muti: Umukungugu wo mu mudugudu wanyu wari ufashe ku birenge byacu turawubakunkumuriye. Ariko mumenye ibi: yuko ubwami bw'Imana bubegereye. Ibi byari bifite umugambi utari uwo kubagaragariza ko babanze ahubwo kwari ukubereka ko ari ikintu kibabaje cyane kwanga kwakira ubutumwa bw'Imana cyangwa intumwa ze. Kwanga abakozi ba Kristo ni ukwanga Kristo ubwe.

Yesu yongera kubabwira ati : “Ndababwira yuko ku muni w'amateka, i Sodomu hazahanwa igihano cyakwihanganirwa kuruta icy'uwo mudugudu.” Nuko yerekeza intekerezo ze ku midugudu y'i Galilaya aho yakoreye igice kinini cy'umurimo we. Maze atera hejuru n'agahinda kenshi ati : “Uzabona ishyano Korazini! Nawe Betsaida uzabona ishyano! Kuko ibitangaza byakorewe muri mwe iyo biba byarakorewe muri Tiro n'i Sidoni baba barihannyeye kera bakicara bambaye ibigunira bisize ivu. Ariko ku muni w'amateka, Tiro n'i Sidoni hazahanwa igihano cyakwihanganirwa kuruta icyanyu. Nawe Kaperinaumu ushyizwe hejuru ndetse ugeze ku ijuru ? Uzamanuka ugere ikuzimu.”

Imigisha myinshi yatanganwaga ubuntu ivuye mu ijuru yoherejwe kuri iyo midugudu yari hafi y'inyanja y'i Galilaya. Uko bukeye n'uko bwije

Igikomangoma gitanga ubugingo cyagendaga kigaruka muri abo bantu. Ubwiza bw’Imana, abahanuzi n’abami bifuje kureba bwajyaga bumurikira abazaga ku birenge by’Umukiza. Nyamara iyo mpano y’ijuru barayirengagije.

Mu kwerekana amakenga ahanitse, abigishamategako bari baravuze ko bakwiriye kwirinda inyigisho nshyashya zirimo gutangwa n’Umwigisha mushya izo bavugaga ko zihabanye n’iz’abakurambere babo babasigiye. Mu cyimbo cyo gushaka gusobanukirwa n’Ijambo ry’Imana, bo ubwabo bemeraga inyigisho zitanzwe n’abatambyi n’abakuru ndetse n’abafarisayo. Bahaga abatambyi n’abakuru icyubahiro gikwiriye Imana yonyine, maze bakita ku mihango birengagije ukuri. Nubwo benshi bari barashishikajwe n’ibyigisho bya Kristo, ntabwo bakoraga bakurikije uko babyemeye; kandi ntibagiye mu ruhande rwa Kristo. Satani yaboherereje ubushukanyi bwe; nicyo cyatumye ibyari umucyo iherezo bibahindukira umwijima. Nuko benshi banga ukuri kwajyaga gukiza ubugingo bwabo.

Umuhamya w’ukuri aravuga ati : «Dore mpagaze ku rugi ndakomanga.⁸» Buri gucyaha kose, buri guhugura kose, ndetse na buri muburo wose uri mu Ijambo ry’Imana cyangwa se imuburo utanzwe n’intumwa ze bihwanye n’uri gukomanga ku rugi rw’umutima. Iryo ni ijwi rya Kristo asaba kwemererwa kwinjira. Umuntu ntabwo aba yiteguye gukingura igihe cyose yirengagiza uko guhamagara. Imbaraga y’Umwuka wera ititaweho uyu muni, ejo izaba yagabanutse. Umutima wamaze kugwa ikinya ntabwo uba ucyumva akaga kawugariye, bituma utabasha gusobanukirwa ko ubugingo ari bugufi; kandi ko twegereje kubaho kw’iteka. Niba ku muni w’amateka tuzahanwa, si uko twagize amakosa, ahubwo ni uko twirengagije imyanya twahawe ngo tumenye ukuri twoherejwe n’ijuru.

Nk’uko byari bimeze ku ntumwa cumi n’ebyiri, izo ntumwa mirongo irindwi nazo zari zarahawe imbaraga zidasanzwe ngo zibe igihamba mu murimo wazo. Barangije umurimo wabo bagaruka aho Yesu ari banezerewe babwira Umwami bati : «Databuja, abadaimoni nabo baratwumvira mu izina ryawe. Arababwira ati: Nabonye satani avuye mu ijuru agwa asa n’umurabyo»

Nuko ibyabayeho mbere na mbere n'ibizabaho mu gihe kizaza binyuzwa imbere y'amaso ya Yesu. Abona Lusiferi igihe yirukanwaga bwa mbere mu ijuru, arebye ahazaza yitegereza umubabaro we wari ugiye kuzahishurira ibyaremwe byose imico mibi y'umushukanyi. Yumva iri jwi ngo : «Byose birarangiye⁹,» ryamenyeshaga ko isi yacumuye, icunguwe by'iteka, kandi ko ijuru rikingiwe by'iteka ryose ibirego n'ibinyoma n'ibikorwa bya satani.

Arengaje amaso umusaraba w'i Karuvali, akayarenza umubabaro we ndetse n'isoni, Yesu yitegereza umunsi ukomeye w'imperuka; ubwo umutware utwara ikirere azarimburirwa ku isi yandurishije ubugome bwe. Abona iherezo ry'ikibi, maze amahoro y'Imana yiganzura ijuru n'isi.

Kuva ubwo abigishwa ba Kristo bakwiye gufata satani nk'umwanzi watsinzwe. Ku musaraba, Yesu yari agiye kubaneshereza; icyifuzo cyeye cyari uko bakira uko gutsinda nk'ukwabo. «Dore mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na Sikoropiyo n'imbaraga z'umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose.»

Imbaraga ziharanije z'Umwuka wera ni ubuhungiro bw'umutima wose wihana. Kristo ntazemera ko umutima umuhungiraho wose, wihana kandi ufite kwizera, ugwa mu maboko y'umwanzi. Umukiza ahagarara iruhande rw'umuntu, igihe ageze mu bigeragezo kandi aruhijwe. Uri kumwe na we ntashobora gutsindwa, ntanwirwa, ntacyo ahomba, kandi nta kidashoboka kandi ntabwo atsindwa; dushobozwa byose n'Uduha imbaraga. Ibigeragezo nibiza cyangwa se ibishuko, uramenye ntuzirwanirire, ahubwo hanga amaso kuri Yesu ni we ugufasha.

Hariho abakristo benshi bivuna, maze bagakabiriza cyane imbaraga za satani. Batekereza umwanzi wabo cyane, bakabisengera bakaba ari we baganira kugeza ubwo umwanzi ahinduka ikintu kiganza mu ntekerezo zabo. Ni ukuri ko satani ari ikiremwa gikomeye, ariko kubw'ubuntu bw'Imana dufite Umukiza wirukanye uwo mugome mu ijuru. Satani anezezwa no kubona dukabiriza imbaraga ze. Ahubwo kuki tutaganira ibya Yesu? Kuki tutahimbaza ubushobozi bwe ndetse n'urukundo rwe?

Umukororombya w'isezerano ugose intebe y'Imana ni igihamya kidasaza gihamya ko «Imana yakunze abari mu isi cyane, nicyo cyatumye itanga Umwana

wayo w'ikinenge ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.¹⁰» Uhamiriza mu maso y'ibiremwa byose, uhamya ko Imana itazahana ibiremwa byayo, biri mu ntambara birwana n'ikibi. Uduhamiriza imbaraga n'uburinzi buhoraho nk'uko intebe y'Imana ihoraho.

Yesu akomeza agira ati : «Ariko ntimwishimire ko abadaimoni babumvira, ahubwo mwishimire ko amazina yanyu yanditswe mu ijuru.» Mwe gushimishwa n'imbaraga mufite kugira ngo mutirata mukibagirwa ko mugengwa n'Imana. Mwirinde kugira umutima wo kwibwira ko mwiha gije utuma mukora n'imbaraga zanyu bwite, aho gukoresha umwuka n'imbaraga z'Umwigisha wanyu. Inarijye ihora yiteguye iteka kwiyitirira ugutsinda kose. Iyo inarijye ishyonyagijwe igakuzwa cyane, abantu birengagiza kwereka abandi ko Imana ari byose muri byose. Intumwa Pawulo yaravuze iti : “Kuko iyo mbaye umunyanteye nke, aribwo ndushaho kugira imbaraga.¹¹” Umutima wo kwiyumvamo intege nke utwigisha gusaba imbaraga iturenze ubwacu. Nta kintu gifasha imitima yacu cyane kirusha guhora twiyumvisha inshingano yacu ku Mana. Nta yindi mbaraga igenga imico y'imyifatire yacu yaruta kwiyumvamo imbabazi twabonye mu rukundo rwa Kristo. Dukwiriye kugirana umubano n'Imana kugira ngo twinjirwemo n'Umwuka wayo wera; ari wo uzatubashisha kubana neza na bagenzi bacu. Munezewe nuko kubw'urukundo rwa Kristo mwagiranye isano n'Imana, mukaba muri abagize umuryango w'ijuru. Uko muzajya mwubura amaso mukareba mu ijuru niko muzajya murushaho kwiyumvamo intege nke za kimuntu. Uko muzagenda mucika ku narijye, niko muzajya murushaho gusobanukirwa n'ubwiza bw'Umukiza wanyu. Uko murushaho kwegera isoko y'umucyo n'imbaraga, niko muzarushaho kumurikirwa, ni nako muzajya murushaho gukorera Imana ibintu byinshi. Nimwishimire ko muri umwe n'Imana, umwe na Kristo, ndetse ko muri kumwe n'umuryango w'ijuru wose.

Mu gihe abigishwa mirongo irindwi bumvaga amagambo ya Kristo, Umwuka wera yigaragaje mu mitima yabo afite imbaraga, abagaragariza ukuri guhoraho kandi abumvisha ukuri kwanditswe ku bisate by'imitima yabo. Nubwo babaga bagoswe n'abantu benshi, bumvaga bari kumwe n'Imana bonyine.

Yesu abonye ko buzuwemo n'umwuka w'inyigisho ze; «yishimira cyane mu Mwuka wera maze aravuga ati : Ndagushimiye Data, mwami w'ijuru n'isi, kuko ibyo wabihishe abanyabwenge n'abahanga, ukabimenyesha abana. Ni koko Data, kuko ariko wabishatse. Byose nabihawe na Data kandi ntawe uzi Umwana uwo ari we keretse Se, kandi ntawe uzi Se uwo ari we keretse Umwana n'uwo Umwana ashatse kumumenyesha.»

Abantu bubahwa n'ab'isi, bitwa ko bakomeye n'abanyabwenge; nubwo birata ubwenge bwose, ntibigeze basobanukirwa n'imico ya Kristo. Bamufashe bakurikije igihagararo cy'inyuma, bakurikije kwicisha bugufi kwe byakomokaga mu kwigira umuntu. Abarobyi baciye bugufi n'abakoresha b'ikoro ni bo bahawe kureba Itaboneshwa amaso. Ni iby'ukuri ko abigishwa batasobanukiwe n'ibyo Kristo yifuzaga kubasobanurira byose, nyamara buhoro buhoro imitima yabo iza kugenda imurikirwa uko bagendaga bemera kungwa n'imbaraga y'Umwuka wera. Basobanukirwa ko Imana ishobora byose yakoraga muri bo yambaye umubiri wa kimuntu. Kuri Yesu ibyo byamubereye umunezero utangaje kwibonera uko ubwo bumenyi bwahishwe abanyabwenge n'abanyamakenga, bugahishurirwa abantu baciye bugufi. Akenshi ubwo yabaga abagezaho ibyanditswe byo mu isezerano rya Kera ababwira ibimuvugwaho n'iby'umurimo we w'igitambo gikuraho ibyaha, Umwuka we yarabakanguraga akabereka ibyo mu ijuru. Basobanukirwaga iby'ukuri by'umwuka byavuzwe n'abahanuzi kuko yabisobanuraga kurusha ababyanditse ubwabo. Nuko rero guhera ubwo, abo bigishwa bazajya basoma ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera bitari nk'inyigisho z'abanditsi n'abafarisayo, cyangwa nk'imigani y'abahanga bapfuye kera; ahubwo basoma ubutumwa bushya bwahishuwe n'Imana. Bamwitegerezaga nk'uwo ab'isi badashobora guhabwa, kuko batamubona uko ari, ku buryo ab'isi badashobora kumwakira, kuko batamubona kandi ntibamumenye. «Ariko mwebwe ho muramuzi kuko abana namwe kandi azaba muri mwe.¹²»

Uburyo bwiza bwo kwakira uko kuri, ni ukugumana umutima umenetse kandi wumvira umwuka wa Kristo. Umutima ukwiriye kuvanwamo inarijye n'ubwirasi bwose kugira ngo Kristo yimemo. Ubwenge bwa kimuntu ni buke cyane ntibubasha gusobanukirwa n'igitambo gikuraho ibyaha. Inama yo gucungura umuntu ni ngari cyane ku buryo idashobora gusobanurwa n'ubwo bwenge. Iyo nama iteka ryose izahora ari ibanga ritagerwaho n'ibitekerezo byimbitse by'abanyabwenge. Ubwenge bw'agakiza ntibushobora gusobanurwa, ahubwo

ushobora kubumenyera ku byakubayeho. Uwo wenyine ubasha kwimenyaho imibereho y'icyaha, ni we ushobora kumenya agaciro nyakuri k'Umucunguzi.

Ibyigisho birushaho kumvikana cyane byatanzwe na Kristo, ubwo yagendaga ava buhoro buhoro i Galilaya ajya i Yerusalemu. Abaturage b'i Pereya kimwe n'ab'i Galilaya, bo ntibari barokamwe no gukabya kw'abayuda nkuko byari byaragendekeye abari batuye i Buyuda, ibyigisho bya Yesu byumvikanaga cyane mu mitima yabo. Amagambo ya Yesu bayumvaga bashishikaye.

Imigani myinshi ya Kristo yayivuze muri ayo mezi aheruka y'umurimo we. Kukubabwirako n'abigishamategako bamukurikiranaga urwango rukomeye, imiburo ye yayivugaga mu bimenyetso. Ntibashoboraga kwibeshya ku byigisho bye, ariko na none ntibashoboraga kugira icyo babona mu magambo ye cyaba impamvu yo kumurega. Mu mugani w'umufarisayo n'umukoresha w'ikoro, iri sengesho ry'ubwibone ngo : «Mana ndagushimira yuko ntameze nk'abandi,» rihabanye cyane n'isengesho ryinginga ry'umunyabyaha wihannye aho agira ati : «Mana mbabarira kuko ndi umunyabyaha.¹³» Uko niko Kristo yacyahaga uburyarya bw'Abayuda. Akoresheje ipica y'umutini warumbye n'abarakirwa babi, Yesu yavuze iby'amateka agiye gucirwa ishyamba ryanze kwihana. Abarakirwa banze ubutumire bw'umunsi mukuru w'ubutumwa bwiza, bumvise aya magambo y'imiburo ngo : “Ndababwirako yuko ari nta muntu n'umwe wo muri abo abarakirwa uzarya ibyo nabiteguriye.¹⁴”

Ibyigisho bifite igiciro kinini byari byahawe abigishwa. Umugani w'umupfakazi washakaga gutabarwa, n'uw'inshuti yajyaga gusaba imitsima mu gicuku yari imaze kumvikanisha cyane aya magambo ngo : Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugo muzakingurirwa.¹⁵” Akenshi kwizera kwabo kugenda kugabanuka kwajyaga gukomezwa no kwibuka amagambo ya Yesu ngo : “Imana ntizarengera intore zayo ziyitakira ku manywa na nijoro? Ese yazirangarana? Ndababwirako yuko izazirengera vuba.¹⁶”


Yesu akomeza abacira umugani w'intama yazimiye maze yagura icyigisho cye avuga n'igiceri cyatakaye ndetse n'umwana w'ikirara. Kugeza icyo gihe abigishwa bari batashoboraga kumva neza ibyigisho bye; ariko mu gihe Umwuka

wera yari amaze gusukwa, babona abanyamahanga binjira mu itorero; bibonera uburakari bw'abayuda bafite ishyari, noneho bashobora gusobanukirwa neza n'icyigisho cy'umwana w'ikirara; kandi bumva impamvu Yesu yavuganye umunezero aya magambo ngo : “Ariko kwishima no kunezerwa biradukwiriye rwose, kuko murumuna wawe yari yarapfuye none arazutse, yari yarazimiye none dore arabonetse.¹⁷” Maze mu gihe basakiranye no gukozwa isoni n'ubukene ndetse n'akarengane kubw'izina ry'Umwami wabo, imitima yabo igakomezwa no gusubira mu magambo yabahaye muri rwa rugendo rwa herutse, aho yagize ati : “mwa mukumbi muto mwe, ntimutinye kuko So yishimira kubaha ubwami. Mugurisha ibyo mufite, mutange ku buntu, mwidodere udusaho tudasaza, ni bwo butunzi budashira buri mu ijuru, aho umujura atabwegera n'inenzi ntizibwonone, kuko aho ubutunzi bwanyu buri ariho n'imitima yanyu izaba.¹⁸”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 9:51-56; 10:1-24.
2. Yohana 7:6.
3. Yohana 3:14.
4. Luka 2:49; Yohana 2:4.
5. Luka 9:56.
6. Mariko 10 :1.
7. Yesaya 42 :3 ; Matayo 12 :21.
8. Ibyahishuwe 3 :20.
9. Yohana 19:30.
10. Yohana 3:16.
11. 2 Abakorinto 12:10.
12. Yohana 14:17.
13. Luka 18:11,13.
14. Luka 14:24.
15. Luka 11:9.
16. Luka 18:7,8.
17. Luka 15:32,24. 18. Luka 12:32-34.

*** **

54. UMUSAMARIYA MWIZA



Kristo yifashishije
igitekerezo cy'Umusamariya
mwiza¹, atwumvisha ko idini
y'ukuri iterekeranye
n'uburyo bw'imikorere,
indangakwemera cyangwa se
imiziririzo, ahubwo ari
ugukora imirimo
y'impuhwe, ubugwaneza
n'ubuntu nyakuri. Nuko mu
gihe Kristo yari arimo
yigisha rubanda,

“umwigishamategeko ahagurutswa no kumugerageza, ati : Mwigisha nkore nte kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho?” Iteraniro ryose ryari rifite igihunga ritegereje igisubizo cya Yesu. Abatambyi n'abigishamategeko bari batumye uwo mwigisha ngo abaze icyo kibazo mu mugambi wo guhima Kristo. Ariko Umukiza yirinda intambara iyo ari yo yose, ibiri amambu yifuzaga ko igisubizo cyatangwa na nyir'ukubaza ikibazo ubwe: «Byanditswe bite mu mategeko? Icyo uyasomamo ni iki? Uko niko Yesu yamubajije. » Nkuko Abayuda bahoraga bamurega iminsi yose ko apfobya amategeko yatangiwe ku musozi Sinayi, Yesu ashyira ikibazo cy'agakiza mu kumvira amategeko y'Imana.

Umwigishamategeko aramusubiza ati : Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda. » Yesu aramusubiza ati: « Unshubije neza... nugenza utyo uzagira ubugingo. »

Umunyamategeko ntabwo yemeraga imyitwarire cyangwa se umurimo by'abafarisayo. Yari yarize Ibyanditswe byera mu cyifuzo cyo kumenya ubusobanuro nyakuri. Mu maso he iki kibazo cyafurebye inyungu z'ingirakamaro; abazanya umutima utaryarya ati : « nkore nte ? » Mu gisubizo cye cyerekeranye n'ibisabwa n'amategeko, yirengagiza ubukana bw'amategeko y'imihango atahaga

agaciro na mba, ahubwo yibuka amahame shingiro abiri amategeko n'abahanuzi bashingiraho. Iki gisubizo cyashimwe na Kristo, cyaramurengeraga mu maso y'abigishamategeko batari kubasha kumuciraho iteka kubwo gushima ibivuzwe n'umwigishamategeko.

Yesu yaramubwiye ati : « Nugenza utoyo uzagira ubugingo. » Yerekanye ko amategeko ari ay'Imana, anagaragaza ko bitashoboka ko wakubaha rimwe wica irindi; kuko yose afite urufatiro rumwe. Kumvira amategeko kuzuye ni byo bigenga iherezo rya muntu. Gukunda Imana urukundo ruhebuje byose, kandi ugakunda n'umuntu urukundo rutagabanije : ibyo ni byo mahame akwiriye kugenga ubugingo.

Umwigishamategeko yahise abona ko ari umunyabicumuro. Amagambo ya Kristo acengera cyane, amwemeza ibyaha. Ntabwo yari yarigeze abona uko gukiranuka kuzanwa n'amategeko yirataga. Ntiyari yarigeze agaragariza urukundo bagenzi be. Yari akwiriye kwihana; nyamara ibiri amambu agerageza kwitsindishiriza. Mu cyimbo cyo kwemera ukuri; yibwiye ko ashobora kuganza umutimanama we; maze yigira mwiza mu maso ya rubanda; agerageza kugaragaza uburyo bikomeye gukomeza amategeko. Amagambo y'Umukiza yari yagaragaje ko ikibazo cyabajijwe nta mumaro gifite, kuko uwo mwigishamategeko ari we ubwe wacyishubirije. Nyamara uwo mwigisha yungamo ati : « Harya mugenzi wanjye ninde ? »

Iyo ngingo yakururaga urubanza rw'urudaca mu Bayuda. Nta gushidikanya imitima yabo yahise yirukanka igera ku bapagani ndetse n'abasamaliya : kuko abo bantu bari abanyamahanga n'abanzi. Ariko se mu ishyamba ryabo bwite, no mu nteko zinyuranye habagamo itandukaniro ringana iki ! Ni nde wari gutekerezwa ko ari mugenzi w'umutambyi cyangwa umwigishamategeko cyangwa se umukuru? Imibereho yabo yose bayimaraga bibereye mu migenzo yo kwiyeza no kwihumanura. Bibwiraga ko guhura na rubanda rw'injiji rutagira icyo rwitaho byatera uguhumana gukabije. Uhumanye yashoboraga kugereranywa na mugenzi wawe ?

Na none Yesu yongera kwirinda impaka izo ari zose. Ntiyanashaka gucyaha ugukabya kw'abari biteguye kumuciraho iteka. Akoresheje igitekerezo cyoroheje aha abamwumvaga ipica yumvikana y'urukundo ijuru risendereza umutima bituma n'umwigishamategeko na we ubwe ahama ukuri.

Kugira ngo utamurure umwijima, igikenewe ni ugutuma umucyo urasa. Uburyo bukwiriye bwo kurwanya ibinyoma ni ukwerekana ukuri. Uguhishurwa k'urukundo rw'Imana kugaragaza imibereho y'icyaha cy'umutima w'inariye.

Yesu aravuga ati : « Hariho umuntu wavaga i Yerusalemu amanuka i Yeriko, agwa mu gico cy'abambuzi, baramwambura, baramukubita, barigendera, bamusiga asigaje gato agapfa. Nuko umutambyi amanuka muri iyo nzira, amubonye arakikira arigendera; n'umulewi ahageze nawe abigenza atyo, amubonye arakikira arigendera. » Iyi pica ntabwo cyari igitekerezo cy'igihimbano, cyari igikorwa cyari cyarabayeho. Umutambyi n'Umulewi bari baranyuzeho bagakeberezaga bari muri iyo nteko y'abantu bumvaga Yesu.

Umugenzi wavaga i Yerusalemu ajya i Yeriko, yagombaga kunyura mu butayu bw'i Yudaya. Inzira yamanukaga mu bihanamanga bikikijwe n'ibitare by'amabuye, kandi aho hantu habaga amabandi cyane, hakundaga kubera ubugizi bwa nabi bukabije. Aho niho uwo mugenzi yafatiwe, aramburwa, arakubitwa bamusiga ku nzira, ari intere ashigaje gato akavamo umwuka. Umutambyi aza kuhanyura aterera amaso mu cyerekezo iyo nkomere yari iryamyemo. Mu kanya Umulewi na we aza guhinguka. Afite amatsiko yo kumenya ibyabaye, arahagarara kugira ngo yitegereze uwo munyamubabaro, ndetse abona neza n'icyari gikwiriye gukorwa; ariko abona iyo nshingano idahesheje ishema. Iyo bimukundira yari kwifuza kuba atanyuze iyo nzira, maze yiyemeza ko ibyo bitamurebaga.

Uwo mutambyi n'Umulewi, bari bashinzwe umurimo wera, bakoraga umurimo wo gusobanura ibyanditswe byera. Bari abo mu muryango watoranijwe kugira ngo berekane Imana muri rubanda. Bagombaga « kwihanganira abatagira ubwenge n'abayobye.² » kugira ngo bumvishe abantu urukundo rutangaje Imana ifitiye isi. Umurimo uwo mutambyi n'Umulewi bari barahamagariwe gukora ni wa wundi Yesu yavuze ko ari uwe igihe yagiraga ati : Umwuka w'Imana ari muri nje, nicyo cyatumye ansigira kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza, yatumye kumenyesha imbohe ko zibohowe, n'impumyi ko zihumuka no kubohora ibisenzegeri.³ »

Abamaraika b’Imana bazirikana abo mu muryango w’Imana bari mu kaga hano ku isi, kandi baba biteguye gufasha abantu ngo bahumurize abarengana n’abababazwa. Ubushake bw’Imana nibwo bwateye umutambyi n’Umulewi kunyura mu nzira uwo munyabyago yari arimo kugira ngo bashobore gutabara uwo muntu wari ukeneye ubufasha. Ijuru ryose uko ringana ryari ritegereje kubona imitima y’abo bantu igirira impuhwe uwo muntu wari mu byago. Umukiza ubwe yari yarihereye amategeko n’amabwiriza Abaheburayo ubwo bari mu butayu; ari mu nkingi y’igicu n’umuriro, yari yatanze isomo ritandukanye n’iry’abigishamategeko, n’abatambyi bariho bigisha rubanda icyo gihe. Amategeko yagiriraga impuhwe n’utunyamaswa dutoya tudashobora kumvikanisha mu magambo ibyifuzo byatwo n’imibabaro yatwo. Dore amabwiriza yahawe abana b’Isiraeli na Mose ngo : « Nuhura n’inka y’umwanzi wawe cyangwa indogobe ye izimira, ntukabure kuyimuzanira. Kandi nusanga indogobe y’umwanzi wawe yagwanye umutwaro ihetse ukagira ngo wirengagize kumufasha, ntukabure kumufasha.⁴ ». Mu cyigisho Umwami Yesu yari amaze kuvuga cy’umuntu wakomerekejwe n’abambuzi, yari umuvandimwe wari mu makuba. Imitima yabo yari ikwiriye kurushaho kugira impuhwe kuruta uko yazigirira inyamaswa nk’iyo ! Mose yari yarasabwe kubaha ubutumwa ngo : « Kuko Uwiteka Imana ari Imana nyamana n’Umwami w’abami, ni Imana ikomeye ni inyambaraga nyinshi iteye ubwoba... icira imfubyi n’abapfakazi imanza zibarengera, ikunda umusuhuke n’umunyamahanga, yaravuze ati : mukunde abanyamahanga. Umukunde nk’uko wikunda.⁵ »

Yobu yaravuze ati : «Nta mushyitsi naraje hanze ahubwo umugenzi wese naramwugururiraga.» Igihe abamalaika bazaga i Sodomu bafite ishusho ya kimuntu Loti yarabunamiye, maze arababwira ati : «ndabinginze ba databuja ndabiginze, nimwinjire mu nzu y’umugaragu wanyu, muharare bucyeye.⁶» Aya masomo yose yari azwi n’umutambyi n’umulewi, ariko ntabwo bayashyize mu bikorwa. Mu ishuri ryabo rikaze ryo gukabya, bigiyemo kwikunda gukabije no kuba nyamwigendaho. Ntibigeze bakenera kumenya niba uwakomeretse ari uwo mu ishyanga ryabo, ahubwo bibwiye ko yaba ari umusamaliya, nuko bamunyura iruhande barakebereza.

Mu myifatire yabo nk’uko Kristo yabivuze, umwigishamategeko nta cyo yabonaga gutandukanye n’ibyo yigishijwe bivuga ibyashakwaga n’amategeko. Ariko noneho bidatinze yerekwa indi pica:

Umusamariya wari mu rugendo agera iruhande rw'uwo muntu wakomeretse, amurebye amugirira impuhwe. Ntiyashatse kumenya niba uwo muntu ari umuyuda cyangwa umupagani. Umusamariya yari azi ko umuyuda mu nshingano zinyuranye yari kumucira mu maso hanyuma akigendera n'agasuzuguro kenshi. icyo gitekerezo ntabwo cyamuteye gushidikanya. Ntabwo yatewe ubwoba no gutinda ahantu nk'aho, ngo ahari byatuma ajya mu kaga. Ikiremhamuntu cyari mu kaga, kuri we ibyo byari bihagije. Yiyambura ifurebo ye, arayimwambika kandi akoresheje amavuta na vino byari impamba y'urugendo rwe, yomora ibikomere bye aranamupfuka. Hanyuma amushyira ku ndogobe ye maze aramusindagiza kugira ngo uburibwe butongerwa n'imikuku, amugeza kw'icumbi ry'abashyitsi kandi ijoro ryose arara amwitaho. Mu gitondo iyo ndembe yari iri koroherwa, umusamaliya akomeza urugendo rwe. Ariko mbere y'uho agenda ateguka nyir'icumbi uburyo agomba kumwitaho ariha ibyakoreshejwe kandi amusigira amafaranga y'ingwate, maze aranamubwira ati : "Umurwaze, kandi ibyo uzatanga byose birenze ku byo ngusigiye nzabikwishyura ngarutse."

Yesu amaze kuvuga ayo magambo yitegereza uwo mwigishamategako n'indoro yasaga n'isoma mu mutima we, maze aramubwira ati : " Muri abo batatu ni nde wabayeho mugenzi w'uwo waguye mu bambabuzi?"

Umwigishamategako, na nyuma y'ibyo yari amaze kumva, ntabwo yashatse kuvuga izina ngo : "Umusamariya", ahubwo yaravuze ati : "Ni uwamugiriye imbabazi." Yesu aramusubiza ati: « genda nawe ugire utyo. »

Muri ubu buryo ikibazo ngo : "Mugenzi wanjye ni nde?" kibona igisubizo kidasubirwaho. Yesu yerekana atyo ko mugenzi wawe atari uwo muhuje itorero cyangwa ukwizera kumwe gusa. Ntihakwiriye kubaho ubwironde haba ku bwoko, ibara, urwego. Buri muntu wese udukeneyeho ubufasha ni mugenzi wacu. Mugenzi wacu ni uwo ari we wese warembejwe n'umwanzi. Uw'Imana wese ni mugenzi wacu.

Mu gitekerezo cy'Umusamariya mwiza Yesu ubwe yari yigaragaje n'umurimo we. Satani yabeshye umuntu aramukomeretsa kandi aramunyaga aramwangiza ndetse amusiga ari uwo kurimbuka, ariko Umukiza atugirira impuhwe

kubw'umubabaro twarimo. Asiga ubwiza bwe azanywe no kudutabara. Yasanze turi hafi kunogoka yitangira kudukiza. Yomora inguma zacu. Yatwambitse umwambaro wo gukiranuka kwe. Yatwugururiye ubuhungiro bw'ukuri, kandi adukenura ubukene bwacu bwose. Yafiriye kugira ngo atubature. Kandi ashatse guha abigishwa be icyitegererezo, yarababwiye ati : "Ibyo mbibategekeye kugira ngo mukundane nk'uko nabakunze mube ariko namwe mukundana."⁷

Umwigishamategako yari yabajije Yesu ati : "Nkwiriye gukora iki?" Yesu mu ncamake agaragaza ko gukiranuka kuboneka mu gukunda Imana n'abantu, aramubwira ati : "Nugenza utyo uzagira ubugingo." Umusamariya, mu kumvira ibyifuzo by'umutima ukunda yerekanye ko yumvira amategako. Bityo Yesu abwira umwigishamategako ati : "Genda nawe ugenze utyo." Gukora bitari ukuvuga gusa ni byo bitegerejwe ku bana b'Imana. "Uvuga ko aba muri we akwiriye kugenda nk'uko Yesu yagendaga."⁸

Muri iki gihe iryo somo rirakenewe nk'uko byari bimeze mu gihe ryasohokaga mu kanwa ka Yesu. Inariye n'ubukonje bw'ubunyamihango bisa n'aho byatsembyeho umurimo w'urukundo kandi byirukana ubuntu butera imico kugira impumuro nziza. Benshi mu bigisha ko bafite izina rya Kristo bibagiwe ko inshingano y'umukristo ari ukwerekana Kristo. Niba umutima wo kwitanga utagaragariye mu byo dukora tugirira abandi mu muryango n'abadukikije, ndetse no mu itorero n'aho twaba turi ntabwo twaba turi abakristo nyakuri uko twavugaga kose ko twigisha kwizera.

Kristo yahuje inyungu ze n'iza bene muntu, adusaba natwe gukora nka we tuzanira agakiza abatuye isi. Yaravuze ati : "Mwaherewe ubusa namwe muje mutangira ubundi."⁹ icyaha ni cyo kibi kurusha ibindi byose, nuko rero inshingano yacu ni iyo kugirira umunyabyaha impuhwe maze tukamutabara. Benshi mu bazimiye bamenya iby'ubusazi bwabo maze bakagira isoni. Bifuza amagambo yo kubahumuriza no kubakomeza. Bababazwa n'amafuti yabo n'amakosa yabo kugeza ubwo barohama mu bwihebe. Ntidukwiriye kwirengagiza imitima nk'iyi. Niba turi abakristo ntabwo tuzakebereza ngo tujye kure y'abategereje ubufasha bwacu. Igihe tuzajya tubona abantu bari mu kaga, byaba ibyago cyangwa se ingaruka z'amafuti yabo, ntitukajye tuvuga ngo: ibyo ntibitureba.

«Mwebwe ab’umwuka, mubagaruze umwuka w’ubugwaneza.¹⁰» Murwanye imbaraga z’umwanzi mukoresheje kwizera no gusenga. Mujye muvuga amagambo yo kwizera n’ubutwari azaba umuti womora umutima ukomeretse kandi ushenjaguritse. Abenshi ni abarembejwe cyane no kwiheba kubera intambara zo mu mibereho yabo, imbaraga yo kunesha bari kuyihabwa iyo baza kumva akajambo gato gusa ko kubakomeza. Ntabwo dukwiriye gukeberezza ngo twirengagize umutima ushenjagurwa n’intimba tutawugejeje guhumuriza Imana ihumurisha imitima yacu!

Ibi byose ni ugushyira mu bikorwa ihame ry’amategeko, iri hame ryagaragajwe cyane mu gitekerezo cy’umusamariya mwiza, kandi imibereho ya Yesu yari ishyizwe hejuru. Imico ye igaragaza ubusobanuro nyakuri bw’amategeko kandi ikanagaragaza gukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda icyo ari cyo. Igihe abana b’Imana bagaragaza imbabazi, impuhwe n’urukundo babigirira abandi bantu, baba bahamya kamere y’amategeko y’ijuru. Baba bahamya ko “amategeko y’Imana atunganye: asubiza intege mu bugingo.¹¹” Umuntu wese utagaragaza urwo rukundo aba yishe amategeko yibwira ko ayerekana. Imyifatire yacu imbere y’abavandimwe bacu iterwa n’uko twifata imbere y’Imana. Urukundo rw’Imana mu mutima w’umuntu ni rwo soko rukumbi y’urukundo dukunda mugenzi wacu. Umuntu navuga ati : “Nkunda Imana akanga mwene se, aba ari umunyabinyoma, kuko udakunda mwene se yabonye, atabasha gukunda Imana atabonye.” Bakundwa, “nidukundana Imana iguma muri twe, urukundo rwayo rugatunganirizwa muri twe rwose.¹²”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 10:25-37.
2. Abaheburayo 5:2.
3. Luka 4:18.
4. Kuva 23:4,5.
5. Gutegeka kwa kabiri 10:17-19; Abalewi 19:34.
6. Yobu 31:32; Itangiriro 19:2.

Yesu Kristo

7. Yohana 15:17; 13:54.

8. 1 Yohana 2:6.


9. Matayo 10:8.

10. Abagalatiya 6:1.

11. Zaburi 19:8.

12. 1 Yohana 4:20,12.

55. ATARI KU MUGARARAGARO



Bamwe mu bafarisayo bari basanze Yesu kugira ngo bamubaze “igihe ubwami bw’Imana buzazira.¹” Hari hashize imyaka irenze itatu, uhereye igihe Yohana Umubatiza yatangiraga kwamamaza ubu butumwa akoresheje ijwi ry’impanda mu gihugu hose ngo: “Ubwami bwo mu ijuru buri hafi.²” Nyamara abo bafarisayo nta kintu babonaga kigaragaza ko ubwo bwami

bugiye kwimikwa. Benshi mu bari baranze Yohana bakomeje banga na Yesu bavuga ko umurimo wa Kristo ntacyo wagezeho.

Dore igisubizo Yesu yabashubije ni iki ngo: «Ubwami bw’Imana ntibuzaza kumugaragaro, kandi ntibazavuga bati : Dore ngubu cyangwa bati : nguburiya, kuko ubwami bw’Imana buri hagati muri mwe.» Ubwami bw’Imana butangirira mu mutima. Ntimugakebaguze hirya no hino ngo murashaka kureba imbaraga z’isi ziherekeje ukuza kwabwo.

Nuko Yesu ahindukirira abigishwa be, maze arababwira ati : “Hazabaho igihe muzifuza kubona umunsi mu minsi y’Umwana w’umuntu, ntimuzawubona.” Bitewe n’uko naje ntambaye ubwiza n’icyubahiro by’isi mufite ingorane zo kutabasha kubona icyubahiro cy’umurimo wanjye. Ntabwo musobanukiwe no gukomera kw’amahirwe yihariye mwifitiye uyu munsi, yo kuba muri mwe harimo uri ubugingo n’umucyo w’abantu nubwo yambaye ishusho y’umuntu. Iminsi izaza ubwo muzibuka mwicuza amahirwe mwagiriwe yo kugendana no kuganira n’Umwana w’Imana.

Kwikunda n’umutima wikanyiza byabujije n’abigishwa ba Yesu ubwabo gusobanukirwa n’ubwiza bw’iby’Umwuka Yesu yihatiraga kubahishurira. Mu gihe Yesu yari azamutse asubiye kwa Se, n’Umwuka wera agasukwa ku bizera, ubwo

nibwo abigishwa bashoboye gusobanukirwa neza n'agaciro k'icyubahiro by'umurimo w'Umukiza. Igihe bari bamaze kubatizwa n'Umwuka nibwo basobanukiwe ko bari kumwe n'Umwami w'icyubahiro. Uko amagambo ya Yesu yagarukaga mu bwenge bwabo, ni nako ubwenge bwabo bwashobanukirwaga ubuhanuzi maze bakabona ubusobanuro bw'ibitangaza yajyaga akora. Ibitangaza byo mu mibereho ye byanyuzwaga imbere y'amaso maze bagasa n'abavuye mu bitotsi. Icyo bahitaga basobanukirwa muri uwo mwanya ni iki ngo : «Jambo yigize umuntu abana natwe, yuzuye ubuntu n'ukuri; tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se.³» Ni ukuri Kristo yari yaraturutse ku Mana, maze aza mu isi y'ibyaha kugira ngo akize abahungu n'abakobwa ba Adamu bacumuye. Abigishwa ntabwo bari barigeze biha agaciro mbere hose. Ntabwo barambirwaga kwibukiranya amagambo ye n'imirimo ye. Ibyigisho bya Yesu batari barumvise neza mbere, noneho bibabera uguhishurwa gushya. Kuri bo Ibyanditswe byera bigira ubusobanuro bushyashya.

Uko abigishwa bagendaga bagenzura ubuhanuzi buhamya ibya Kristo niko barushagaho gucengerwa n'ubucuti bafitanye n'Imana, maze binjira mu ishuri ry'uwazamuwe mu ijuru ngo ahasoreze umurimo yatangiriye mu isi. Basobanukiwe ko muri we harimo ubwenge ikiremwa muntu kitabasha kugeraho kidafashijwe n'imbaraga z'ubumana. Bumvaga bakeneye gufashwa n'uware waravuzwe n'abami n'abahanuzi n'abakiranutsi. Basomaga basubiramo ubuhanuzi bwamuvuzweho buvuga imico ye n'umurimo we. Mbega ukuntu bari batinze gusobanukirwa n'ubuhanuzi bw'Ibyanditswe byera! Mbega ukuntu batinze gusobanukirwa n'ukuri gutangaje kwavugaga ibya Kristo! Nuko ubwo bamubonaga yicishije bugufi, agenda nk'umuntu mu bantu, ntabwo baragasobanukirwa n'igitangaza cyo kwigira umuntu kwe na kamere ye irimo ebyiri. Amaso yabo asigara ahumishijwe n'uko batari babashije kubona ubumana bwe mu bumuntu. Nuko bamaze kumurikirwa n'Umwuka wera, bifuza cyane kongera kumubona, maze bakicara ku birenge bye. Bifuje kongera kumwegera kugira ngo bamusabe kubasobanurira imirongo imwe yo mu Byanditswe byera batari bafitiye ubusobanuro. Mbega ukuntu bari gutega amatwi amagambo ye babikunze! Kristo yashakaga kubabwira iki muri aya magambo ngo : “Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntumubasha kubyihanganira.”⁴ Nuko bagira ishyushyu ryo kubimenya byose. Bashengurwa nuko bagize kwizera guke, no kuba bari kure y'igitekerezo cyo kumenya ukuri.

Intumwa ikomeye yari yaroherejwe n'Imana kugira ngo ibamenyeshe ukuza kwa Kristo, no kurarikira umurimo we ishyanga ry'abayuda n'abatuye isi

yose, kugira ngo bitegure kumwakira. Uwo muntu utangaje wavuzwe na Yohana, yabaye muri bo kumara imyaka isaga mirongo itatu yose nyamara ntibari baramumenye by'ukuri nk'Uwoherejwe n'Imana. Abigishwa bababajwe cyane no kuba baremereye gushidikanya kukinjira mu ntekerezo zabo, bigatera ubwenge bwabo kujijwa. Umucyo wari wamurikiye muri iyi si y'umwijima, ntibasobanukirwa n'aho imirasire yawo yaturukaga. Bajyaga bibaza icyatumye Kristo yarajyaga abacyaha. Bagasubira mu biganiro bajyaga bagirana na we maze bakavuga bati : Kuki twemeraga imvugo y'abantu kandi tugakunda ko ibitekerezo by'abatambyi n'abigishamategako biyobya ubwenge bwacu, kandi uruta Mose yari muri twe, n'uware ufite ubwenge buruta ubwa Salomo ari we wari Umwigisha wacu? Mbega ukuntu imyumvire yacu yari inangiye ! Mbega ukuntu gusobanukirwa kwacu kwari guke !

Tomasi yari yanze kwemera atarashyira urutoki rwe mu nkovu z'ibikomere yatewe n'abasirikare b'abaroma. Petero yari yaramwihakanye mu gihe yabonaga acishijwe bugufi kandi yanzwe. Izo nzibutso mbi zagarukiranaga mu bwenge bwabo. Yabanaga na bo batamuzi kandi batamwemera. Ibyo byashenguraga imitima yabo, kandi bigatuma bigaya mu kutizera kwabo.

Nuko mu gihe abatambyi n'abakuru babahagurukiraga ngo babakurubanire mu nkiko ndetse no mu mazu y'imbohe, abigishwa ba Kristo bari «banejejwe nuko bemerewe gukozwa isoni kubw'izina rya Yesu.⁵» Bari banejejwe no gushobora kugaragaza imbere y'abantu n'imbere y'abamaraika ko bamenye icyubahiro cya Kristo kandi ko bari biteguye gusiga byose, bakamukurikira.

Muri iki gihe nk'uko byari bimeze mu gihe cy'intumwa, abatuye isi ntibashobora gusobanukirwa n'ubwiza bwa Kristo batamurikiwe n'Umwuka w'Imana. Kubera kwikundira isi n'ibibanezeza, abakristo ntibashobora gusobanukirwa n'ukuri n'umurimo w'Imana. Abigishwa nyakuri b'Imana, ntibashakirwa mu bantu badamaraye, ntibashakirwa mu bantu bafite ibyubahiro by'isi cyangwa se abihuza n'isi. Mbere na mbere bashakirwa mu nzira y'umubabaro, mu gucishwa bugufi no gukozwa isoni, ku rugamba. “Barwana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abatega b'iyi si y'umwijima n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.⁶” Kandi muri iyi minsi naho, nk'uko byari bimeze mu minsi ya Kristo, abo bantu

ntibazwi, barakerenswa kandi bakarenganywa n'abatambyi n'abafarisayo bo mu gihe cyabo.

Ubwami bw'Imana ntibuzaza kumugaragaro. Ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana, bwuzuwemo n'umutima wo kwiyanga, ntabwo bazahuza na rimwe n'umutima wo gukunda iby'isi. Ayo ni amahame abiri ahabanye. “Umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana, kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'umwuka.”⁷

Mu bakristo b'iki gihe, abenshi ni abizera ko bahihibikanira gushyiraho ubwami bwa Kristo hano ku isi. Ibyifuzo byabo byose ni ibyo kugira Kristo umwami w'ingoma za hano ku isi, ubutware bwe bugatwara mu nkiko no mu bigo bya gisirikare, mu nteko nshingamategeko, mu ngoro z'abami, ndetse no mu maguriro. Biteze kumubona ayoboresha amategeko yashyizweho n'abantu. Kristo adahari, bishyira mu cyimbo cye ngo bubahirize amategeko y'ubwami bita ko ari ubwe. Ubwami bumeze butyo ni bwo bwashakwaga n'abayuda mu gihe cya Yesu. Bari kuba biteguye kwakira Kristo iyo yemera kwimika ubwami bw'iyi si, agashimangira ibyo bo bitaga amategeko y'Imana, maze akabagira abasobanura ubushake bwe n'abakozi bo mu butware bwe. Ariko Yesu yaravuze ati : «Ubwami bwanjye si ubw'iyi si.⁸» Uko niko yanze intebe y'ubwami bw'isi.

Yesu yariho mu bwami bwononekaye kandi bw'igitugu, hose hagaragaraga imiborogo y'abarengana, ubwambuzi no kutihanganirana, n'ubugome buteye ubwoba. Nyamara Umukiza ntiyigeze agerageza kugorora imikorere ya gipolitiki. Ntabwo yahanganye n'amakosa y'iryo shyamba, ntabwo yaciriyeho iteka abanzi b'ishyamba rye. Ntiyivanze n'ibirebana n'ubuyobozi kimwe n'imategekere yariho muri icyo gihe. Uwagizwe icyitegererezo cyacu, yitaruye ubuyobozi bw'iyi si. Ntabwo ari uko atari yitaye ku bibabaza abantu, ahubwo ni uko umuti utabonerwaga gusa mu myanzuro y'abantu n'iby'ibigaragara inyuma. Kugira ngo habeho kunesha, igikwiriye ni ugusanga abantu no kubatera kugira imitima mishya.

Ubwami bwa Kristo ntibuzimikwa n'ibyemezo bizafatirwa mu nkiko, mu nama cyangwa se mu nteko zishinga amategeko, nta nubwo bizaterwa n'imbaraga z'abakomeye bo mu isi; ahubwo bizaterwa n'umurimo w'Umwuka wera uzacengeza kamere ya Kristo mu bantu. “Abamwemeye bese bakizera izina rye yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo ntibabyawe n'amaraso cyangwa

ubushake bw’umubiri cyangwa ubushake bw’umugabo, ahubwo babyawe n’Imana.⁹” Iyo ni yo mbaraga yonyine rukumbi ibasha kwegura abantu. Kandi uburyo bukoreshwa n’umuntu kugira ngo bigerweho ni inyigisho no gushyira mu bikorwa ibyo Ijambo ry’Imana ritegeka.

Pawulo avuga iby’umurimo we mu mugi w’i Korinto wari utuwe cyane kandi ukize, ariko wuzuye ubugizi bwa nabi bwinshi, kandi warandujwe n’imigenzo yose ya gipagani, yaravuze ati : “Kuko nagambiriye kutagira ikindi mbamenyesha, keretse Yesu Kristo, ni we Yesu Kristo wabambwe.¹⁰” Na none hanyuma ubwo yandikiraga bamwe mu bari barigeze kwanduzwa n’ibyaha bibi yabashije kubandikira ati : “Ariko mwaruhagiwe, mwarejeje, mwatsindishirijwe n’Umwuka w’Imana yacu mu izina ry’Umwami wacu Yesu Kristo.” “Mbashimira Imana iteka, nishimira ubuntu bwayo mwaherewe muri Kristo Yesu.¹¹”

Muri iki gihe nk’uko byari biri mu minsi ya Kristo, abakorera ubwami bw’Imana ntabwo ari abantu bashaka kumenywa no gushyigikirwa na za Leta n’amategeko y’abantu, ahubwo ni abavuga mu izina rye bakamenyesha abantu ukuri kw’iby’umwuka kongera ubunararibonye bwa Pawulo mu babwakira ngo: “Nabambanywe na Kristo, ariko ndiho, nyamara sijye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri njye.¹²” Nuko rero bazakorera abantu nk’uko Pawulo yabikoze, akavuga ati : “Nicyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa naho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo ngo mwiye n’Imana.¹³”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 17:20-22.
2. Matayo 3:2.
3. Yohana 1:14.
4. Yohana 16:12.
5. Ibyakozwe n’intumwa 5:41.
6. Abefeso 6:12.
7. 1 Abakorinto 2:14.
8. Yohana 18:36.
9. Yohana 1:12,13.
10. 1 Abakorinto 2:2.
11. 1 Abakorinto 6:11; 1:4.
12. Abagalatiya 2:20.
13. 2 Abakorinto 5:20.

56. YESU AHA ABANA UMUGISHA



Yesu yakunze abana ibihe byose. Yishimiraga urukundo rwabo rw'umwimerere kandi ruzira imbereka. Indirimbo z'ishimwe zumvikanaga ku minwa yabo iboneye zamereraga amatwi ye nk'indirimbo iryohereye yahumurizaga umutima we wabaga warembejwe n'abantu

b'indyarya z'intereganya. Aho yajyaga hose, kubwo kugira neza kwe no kwakirana ubugwaneza kwe, Umukiza yigaruriraga urukundo no kwiringirwa n'abana.

Abayuda bari bafite akamenyero ko kuzanira abana babo abigishamategako ngo babasabire umugisha babarambitseho ibiganza; ariko abigishwa bo babonye ko umurimo w'Umukiza ukomeye cyane ku buryo utagomba guhagarikwa n'ibyo. Igihe ababyeyi bamuzaniraga abana babo, abigishwa babonye ko abo bana ari batoya ku buryo ntacyo bakwivanira mu biganiro bagirana na Yesu, nuko bakarebana abo babyeyi igitsure. Bibwiraga ko ahari ukuza kwabo kutari bushimishe Yesu, ntibamenye ahubwo ko imyifatire yabo ariyo yababazaga Yesu. Umukiza yari azi neza ingorane n'icyifuzo cy'ababyeyi cyo kwihatira kurera abana babo bikurikije Ijambo ry'Imana. Ahubwo ni we ubwe, amaze kumva ibyo basaba, wabararikiye kumusanga.

Umubyeyi wari wavuye iwe azanye umwana we yifuza kubona Yesu, mu nzira yabwiye umuturanyi we umugambi afite, maze uwo muturanyi na we yifuza ko Kristo yaha umugisha abana be. Nuko ababyeyi bazira icyarimwe bazanye n'abana babo kandi bamwe bari bagimbutse. Igihe abo babyeyi bumvikanishije icyifuzo cyabo, Yesu yakirana impuhwe igitekerezo bari bafite, amarira abunga mu maso. Ariko yifuza kureba uko abigishwa babyifatamo. Nuko abigishwa bibwiye

ko bamushimishije, biha gahunda yo kwirukana abo bagore, Yesu abagaragariza ifuti ryabo, avuga ati : “Mureke abana bato, ntimubabuze kunsanga; kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.” Abakira mu biganza bye, maze abaha umugisha bari baje gushaka, abarambitseho ibiganza.

Ababyeyi bataha iwabo bahumuriywe kandi bakomejwe n’amagambo ya Kristo biteguye kongera gufata umutwaro wabo wo kwitangira abana babo banezerewe kandi bongewemo imbaraga nshya. Ababyeyi bo muri iki gihe bakwiriye kwakirana ijamba rye kwizera nk’uko. Muri iyi minsi ya none, Kristo ni Umukiza wacu bwite nk’uko yari ari kera ari umuntu uri mu bandi. N’uyu munsu na bwo aracyahumuriza ababyeyi nk’uko yakoraga cya gihe ubwo yakikiraga abana bato b’i Buyuda. Abana bo mu ngo zacu na bo yabarihiye ikiguzi cy’amaraso ye nk’uko yabigenjereje abana bo mu gihe cya kera.

. Yesu azi intimba ishengura umutima wa buri mubyeyi wese. N’umubyeyi we bwite yahanganye n’intambara y’ubukene ndetse no kwicwa n’inzara: nuko rero kubw’ibyoye, Yesu ababarana n’umubyeyi wese mu miruhoro ye imuvuna. Yesu yakozwe urugendo rururere kugira ngo aruhure umunyakananikazi wari mu majuru: nuko rero yiteguye kugenzereza atyo ababyeyi bo mu gihe cyacu. Yazuriye umupfakazi w’i Naini, umwana we w’ikinege; kandi ku musaraba igihe yendaga kunogoka, yibutse umubyeyi we: uyu munsu nabwo agahinda k’umubyeyi gashengura umutima we. Ibihumuriza n’ubutabazi ku ntimba zose biri kwa Yesu.

Ababyeyi bese bakwiriye kuzanira Yesu intimba zabo. Bazamuvanaho ubuntu busaze, buzababashisha kwita ku bana babo. Amarembo yugururiwe umubyeyi wese washaka gushyira umutwaro we ku birenge bya Yesu. Uwivugiye ati: “Mureke abana bato bansange, ntimubabuze,” niwe ukirarikira ababyeyi kumuzanira abana babo ngo abahe umugisha. Kubwo kwizera k’umubyeyi usenga, n’akana gato ahagatiye mu ntoki ze kabasha kwibera mu gicucu cy’Ishoborabyose. Yohana Umubatiza yujijwe Umwuka Wera kuva akiva mu nda ya nyina. Nitubaho dusabana n’Imana, dushobora natwe guhora dutegereje ko Umwuka w’Imana atunganya abana bacu bato uhereye mu buto bwabo.

Igihe bazaniraga Yesu abana bato, yababonyemo abagabo n'abagore bahamagariwe kuba abaragwa b'ubuntu bwe n'abahamya b'ubwami bwe; muri bo harimo bamwe bari kuzamuhorwa kubw'urukundo bamufitiye. Yari azi ko abo bana bazamwumva kandi bakamwakira nk'Umucunguzi wabo babikunze, kurusha abantu benshi bakuze, abo ab'isi bita abanyabwenge ariko imitima yabo ikaba inangiye. Yesu yoroheje icyigisho cye ngo bacyumve, yari Igikomangoma cy'ijuru, ariko ntiyanga gusubiza utubazo twabo, kandi ibyigisho bye bikomeye abitanga mu buryo bworoheje ku buryo ubwenge bw'abana bubasha kubisobanukirwa. Yabibye imbuto y'ukuri mu mitima yabo ku buryo hanyuma yazaga gukura, ikera imbuto zizagera ku bugingo buhoraho.

No muri iki gihe nabwo abana ni bo barusha abandi kwakira inyigisho z'ubutumwa bwiza; imitima yabo yugururiwe imbaraga y'Imana, kandi ikomeza cyane ibyigisho yigishijwe. Abana bato bashobora kuba abakristo bafite ubunararibonye buhwanye n'imyaka yabo. Ni ngombwa kubigisha iby'umwuka kugira ngo imico yabo ibashe gusa n'iya Kristo.

Ababyeyi b'abagabo ndetse n'ab'abagore bakwiriye kubona mu bana babo abasore bagize umuryango w'Imana, bakaba bareguriwe kugira ngo babiteho : inshingano yabo rero ni iyo guha abana uburere bubategurira ijuru; bakabagezaho ibyigisho bigishijwe na Kristo, ku rugero abo bana bashobora kubisobanukirwa; bakwiriye kubahishurira buhoro buhoro ubwiza bw'amategeko y'Imana. Bityo urugo rwa gikristo ruzaba ishuri ryigishwa n'ababyeyi bari mu buyobozi bw'Umwigisha mukuru.

Igihe tuzakorera guhinduka kw'abana bacu ntituzarindira ko umutima w'icyaha wigaragazanya ubukana. Kimwe n'uko atari ngombwa kumenya neza igihe bihanyeye. Dukwiriye kubigisha kuzanira Yesu ibyaha byabo, no kumusaba imbabazi no kubizeza ko abababarira maze akabakira nk'uko yakiraga ba bana igihe yari akiri mu mubiri.

Igihe umubyeyi yigisha abana be kumwumvira kubw'urukundo, aba abigisha amasomo y'ibanze y'imibereho ya gikristo. Urukundo rwa kibyezi rutuma umwana asobanukirwa n'urukundo rwa Kristo; abana bato biringira umubyeyi wabo, maze bakamwumvira, bigishwa batyo kwiringira Umukiza bakanamwumvira.

Yesu yari urugero rw’abana kimwe n’ababyeyi. Yavuganaga ubutware kandi ijamba rye rifite imbaraga. Nyamara n’igihe yavuganaga n’abanyamahane kandi biyenza, ntiyakoresheje na rimwe ijamba ritari iry’urukundo n’ineza. Iyo ubuntu bwa Kristo buri mu mutima buzanamo icyubahiro cy’ijuru bukawuha umucyo ukwiriye. Bwororeshya ikintu cyose gikakaye. Baturisha ikinyabupfura gike n’ibibi byose. Bayobowe n’imbaraga y’ababyeyi, bimenyereza gufata abana babo nk’ibiremwa bizi ubwenge, nk’uko na bo bashakaga ko bagirirwa.

Babyeyi, mu burere bw'abana banyu, nimubakundishe amasomo Imana yatanze mu byaremwe. Mushatse gutera ururabyo nka Rose cyangwa se Karungu cyangwa se ubundi bwoko bw'ururabyo ubwo ari bwo bwose, mwabyifatamo mute? Mwabaza nyir'ubusitani uburyo akoresha ngo abashe kubona indabyo nziza kandi zishimishije maze zigakura neza. Azababwira ko hadakoreshe imbaraga nyinshi cyangwa se kuzihubanganya, kuko ibyo nta kindi byamara uretse kuvuna ako gati k'ururabyo kuko kaba kadakomeye. icyo ugomba gukorera ururabyo ni ukurwitaho buri gihe. Umunyabusitani yuhira ubutaka, izikiri ntoya akazirinda umuyaga utuma zuma n'ubushyuhe bw'izuba; maze ahasigaye Imana ikaba ari yo ituma zibumbura bishimishije. Namwe rero mu kwita ku bana banyu, nimwigane umunyabusitani. Mu kubakuyakuya mubagirira neza, mwihatire kubateramo ingeso zisa n'iza Kristo.

Mugire umwete wo kubatera gukunda Imana no gukunda abandi. Impamvu ituma hano ku isi hari abagabo n’abagore benshi bafite umutima unangiye ni ukubera ko urukundo nyakuri rwafashwe nk’itege nke maze rukarekwa. Imigenzereze myiza y’abo bantu yapfiriye mu bwana; inarijye yabo ibaye idashongeshejwe n’umucyo w’urukundo rw’Imana, umunezero wabo wakononekara by’iteka ryose. Biradukwiriye ko dutoza abana bacu kugira imico myiza yo kugira ubuntu no gukunda niba dushaka kubabonana umwuka wa Yesu w’ubugwaneza n’urukundo abamaraika batugaragariza.

Nimwigishe abana kubona Yesu mu byaremwe. Nimubajyane ahari umwuka mwiza, mu busitani cyangwa se muni y'ibiti by'inganzamarumbo, nimutume babonera urukundo rwe mu byiza byose yaremwe. Nimubigishe ko

Imana yashyizeho amategeko agenga ibyaremwe byose, kandi ko na none yashyizeho amategeko atugenga natwe abereyeho kutuzanira umunezero. Ntimukabananize musenga amasengesho maremare cyangwa ibyigisho binaniza, ahubwo mujye mubigisha ibyigisho by'ibintu bivanywe mu byaremwe, kandi mujye mubigisha kumvira amategeko y'Imana.

Nimubasha kubagira abizigirwa nk'abigishwa ba Kristo, bizaborohera kubigisha urukundo rwinshi Yesu yadukunze. Igihe muzagerageza kubabwira amahame y'ukuri gukiza, maze mukabayobora kuri Kristo Umukiza wabo bwite, muzaba muri kumwe n'abamaraika babafasha. Umwami azaha ababyeyi ubu buntu: kubasha kunezeza abana babo igihe bababwira igitekerezo cyiza cy'uruhinje rw'i Betelehemu, we byiringiro rukumbi by'abatuye isi.

Mu gucyaha abigishwa be babuzaga abana kuza aho ari, Yesu yabwiraga abigishwa be b'ibihe byose: abayobozi mu itorero, ababwiriza abafasha ndetse n'abakristo bese. Yesu yireherezaho abana maze akatubwira ati : “nimubareke ntimubabuze.” Ni nk'aho Yesu yatubwiye ati : Bazansanga nimutababuza.

Ntimukagaragaze Yesu uko atari, mu gihe ubwanyu mutagaragaza imico ya gikristo. Mwibuka abana kumusanga kubera kudakunda Imana kwanyu no kutizera. Ntimukabagaragarize na rimwe ko ijuru rizagira agahinda nimuriyamo. Ntimukavuge ko Iyobokamana ari ikintu abana badashobora kumva, kandi ntimugakore nkaho mutekereza ko abana batazakira Kristo mu gihe bakiri bato. Ntimugakore ikosa mubumvisha ko itorero rya Kristo ari ikintu cy'umuruho, kandi ko kugira ngo basange Umukiza bagomba kureka ikintu cyose kinezeza imibereho.

Nimufatanye n'Umwuka Wera igihe mubonye ari mu gukorera mu mitima y'abana. Nimubigishe ko Umukiza abararika, kandi ko nta kintu kibasha kumutera umunezero nko kwitanga kwabo, mu buto n'itoto ryabo.

Umukiza arebana urukundo rutagereranywa imitima yaguze amaraso ye. Ni ikiguzi cy'urukundo rwe. Ayifitiye urukundo rutarondereka. Ntabwo urukundo rw'Umukiza rugarukira ku bana barezwe neza gusa, ahubwo rugera no kubarazwe imibereho iruhije. Ababyeyi benshi ntibazi uburyo ari bo nyirabayazana w'imico mibi y'abana babo. Ababyeyi mu kwiye bagiza ko abana bari uko babagize, ntabwo

bashobora kwitondesha izo mpabe, bakoresheje ubwenge n’ubugwaneza. Yesu we, arebana abo bana impuhwe nyinshi, kuko azi impamvu z’ubuhanya bwabo.

Umukozi w’umukristo abasha kuba igikoresho cya Yesu cyo kurehereza abo bana ku Mukiza. Abasha kubireherezaho, akoranye ubwenge n’ubuhanga, ashobora kubateramo ubutwari n’ibyiringiro kandi azashimishwa no kubona imico yabo yarahinduwe cyane n’ubuntu bwa Kristo ku buryo abantu bazavuga kuri bo bati : “ubwami bw’Imana ni ubw’abameze batya.”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 19:13-15; Mariko 10:13-16; Luka 18:15-17.

*** **

57. UBUZE KIMWE



Yesu ari mu nzira, umuntu aza aho ari yirukanka, aramupfukamira, aramubaza ati: “ Mwigisha mwiza, nkore nte kugira ngo mbone kuragwa ubugingo buhoraho¹?”

Umusore wabazaga icyo kibazo, yari uwo mu muryango w’abakuru b’iryo shyamba. Yari afite ubutunzi bwinshi kandi afite umwanya wo hejuru. Yari yabonye urukundo Kristo yakiranaga abana, n’uburyo yabateruranye impuhwe maze umutima we wumva urehejwe no gusanga Umukiza. Yifuza kuba umwe mu bigishwa be. Kristo ari mu nzira, niko kwiruka amusanga, amwikubita imbere yumiwe. Iki kibazo, yakivuganye umwete n’ukuri, kuko

cyari ingenzi ku mutima we, nk’uko n’undi muntu wese yabigenza, ati : “Mwigisha mwiza, nkore nte ngo mbone kuragwa ubugingo buhoraho?”

Yesu aramubwira ati : “Unyitira iki mwiza? Umwiza ni umwe gusa ni Imana.” Yesu yashakaga kugerageza gutungana k’uyu mutware kugira ngo avuge impamvu imuteye kumwita mwiza. Ese yiyumvishaga ko avugana n’Umwana w’Imana ? Ni mpamvu ki nyakuri yari iri mu mutima we ?

Uyu musore w’umutware yiringiraga gukiranuka kwe bwite. Yiyumvagamo ko nta kintu na kimwe abuze, nyamara yari ataranyurwa. Yumva ashaka ko n’icyo yaba adafite akwiriye kukibona. Mbese Yesu ntiyashakaga kumuha umugisha nk’uko awuha abana bato, akaba asubije ibyifuzo by’umutima we ?

Yesu amubwira ko kugira ngo abone ubugingo buhoraho, akwiriye kumvira amategako y’Imana; arondora menshi yo mu mategeko, muri yo hazamo inshingano y’iby’umuntu akwiriye kugirira bagenzi be. Uwo mutware asubizanya

icyizere cyinshi ati : « Ayo yose narayitondeye uhereye mu buto bwanjye. » « None icyo nshigaje ni iki ? »

Kristo yitegereza uwo musore nk'uri mu gusoma imibereho ye n'ibiri mu mutima we. Aramukunda, nicyo cyatumye yifuza kumuha amahoro ubuntu n'umunezero, byahindura imico ye. Aramubwira ati : « Ushigaje kimwe gusa, genda ibyo ufite ubigire impiya uzifashishe abakene; nibwo uzagira ubutunzi mu ijuru. Uhereko wikorere umusaraba wawe uze unkurikire.² »

Yesu yumvise akunze uwo musore. Yari azi ko avuze ukuri igihe yavugaga ati : « Ayo yose narayitondeye uhereye mu buto bwanjye. » Umucunguzi yari gushobora kumuha ubushishozi buhagije kugira ngo asobanukirwe inshingano y'umutima wumvira n'ubuntu bwa gikristo. Yifuje kumubona n'umutima wicishije bugufi usobanukirwa urukundo ruhebuje rusabwa n'Imana no guhisha ibitaboneye byawo mu gutungana kwa Kristo.

Iyo uyu musore aza gushaka kuba ukorana na Kristo, yari guhinduka imbaraga mu murimo wo gukora ibyiza. Kristo yari asobanukiwe ko uyu musore yajyaga kubasha kumwerekana mu buryo bukwiye. Yari afite imico yajyaga gutuma aba imbonera mu bandi bantu iyo aza kwifatanya n'Umukiza. Kristo aramukunda, kuko yari amaze kubona neza imico ye. Uwo mutware yari yatangiye kumva mu mutima we urukundo afitiye Kristo, kuko urukundo rubyara urundi. Yesu yifuzaga kumugira umukozi we. Yifuzaga kumuha ishusho nk'ye ngo abe indorerwamo yerekana ubwiza bw'Imana. Yashakaga gukuza imico ye, no kumwereza umurimo wa shebuja. Iyo uwo musore yiyegurira Kristo uwo mwanya, aba yarakujijwe no kubana na we. Mbega ukuntu ahazaza he hajyaga kuba heza iyo aza gufata icyemezo !

Yesu ati : « Ushigaje kimwe ! Niba ushaka gutungana genda ibyo ufite byose ubigire impiya uzifashishe abakene, nibwo uzagira ubutunzi mu ijuru. Uhereko uze unkurikire. » Kristo yasomaga ibiri mu mutima w'uwo mutware. Yari abuze kimwe gusa, ariko icyo kintu cyari ingenzi. Yari akeneye urukundo rw'Imana mu mutima we. Uretse kuzurizwa, icyo yari abuze cyendaga kumushyirisha mu kaga, kuko imibereho ye yose yari kuzanduzwa nacyo. Iyo inarijye ishyonyagijwe

irushaho gukura. Kugira ngo yakire urukundo rw’Imana yagombaga kureka urukundo rutagira umupaka rugasimbura kwikunda kwari kumurimo.

Kristo asuzuma uwo mugabo. Amurarikira guhitamo hagati y’ubutunzi bw’ijuru n’icyubahiro cy’isi. Yari guhabwa ubutunzi bw’ijuru iyo ahitamo gukurikira Kristo. Ariko byamusabaga kwiya; yagombaga kureka ubushake bwe bugahuza n’ubwa Kristo. Ni ukwera kw’Imana kwari gushyizwe imbere y’uwo musore. Yari agize amahirwe yo guhinduka Umwana w’Imana, akaraganwa na Kristo ubutunzi bw’ijuru. Ariko yari akwiriye kubanza kwikorera umusaraba, agakurikira Umukiza, aciye mu nzira yo kwiya.

Amagambo Kristo yabwiye uyu mutware, yari ahwanye n’iri rarika ngo : “Uyu muni nimwitoranirize uwo muzakorera.”³⁹ Yari ahawe umwanya wo guhitamo. Yesu, yifuzaga cyane uguhinduka kwe. Yesu yari yatunze urutoko ku kibyimba cyo mu mico ye, yari ategereje iherezo ry’intambara yari iri kurwanira mu mutima w’uwo musore, yibwiraga ko azemera irarika ry’Umwuka w’Imana. Iyo afata icyemezo cyo gukurikira Kristo yari kwemera kumwumvira muri byose, maze akareka imigambi ye yuzuye irari.

Inama Kristo yahaye uwo mutware nizo zonyine zashoboraga guhindura imico ye ikaba iya gikristo. Amagambo ya Kristo yari yuzuye ubwenge, agaragara nk’akakaye ari ku rugero ruhanitse. Nta byiringiro by’agakiza k’uwo mutware utemeye ayo magambo ngo ayagenderemo. Umwanya w’icyubahiro yari afite n’ubutunzi bwinshi yari atunze byamubuzaga amahoro mu mico ye n’uko yari akungahaye. Iyo akomeza kwihambira kuri ibyo bintu byajyaga kwimura Imana, mu rukundo rwe. Kwima Imana icyo ari cyo cyose, ni ukugabanya imbaraga z’ibitekerezo kuberako kwizirika ku by’isi bishira kandi bitadukwiriye bidutera kuba ari byo turangamira rwose.

Uwo mutware ahita asobanukirwa amagambo ya Kristo ako kanya agira agahinda kenshi. Iyo aza gusobanukirwa n’agaciro k’impano yari ahawe, ntiyari gushidikanya kubarwa mu bigishwa ba Kristo. Yari umwe mu bagize inama y’abayuda, ibyo byamuheshaga icyubahiro gikomeye; satani akamushukashukisha ibyiza by’ahazaza. Yifuzaga kubona ubutunzi bw’ijuru ariko anashaka ibinezeza by’iki gihe bizanwa n’ubutunzi bwe. Aterwa agahinda n’uko abwiye ibyo akwiriye gukora, kuko nubwo yifuzaga ubugingo buhoraho, ntiyari yiteguye kwitanga.

Ikiguzi cy'ubugingo buhoraho kuri we yabonye ari indengakamere, asubiraye afite agahinda kenshi, “kuko yari afite ubutunzi bwinshi.”

Yaribeshyaga igihe yireguraga ko yitondera amategeko y'Imana, ubutunzi nibwo bwari bwaramubereye ikigirwamana. Ntabwo yashoboraga kwitondera amategeko y'Imana igihe yari yaragize ubutunzi bw'isi nyambere. Yakundaga impano z'Imana kurusha Nyiri ukuzitanga. Kristo yari yamuhaye gushyikirana na we, maze aramubwira ati : “unkurikire.” Ariko Umukiza ntabwo yamubereye uw'igiciro nko kumenyekana mu bantu cyangwa se ubutunzi bwe. Kureka ubutunzi bw'isi bugaragara kugira ngo yakire ubutunzi bw'ijuru butagaragara, byamubereye nko kwigerezaho. Nuko yanga kwakira impano y'ubugingo bw'iteka, maze arigendera; nuko guhera ubwo iby'isi bisigara ari byo ashize imbere mu masengesho.

Ibihumbi byinshi by'abantu bigwa mu ishungurwa nk'iryo, bagashidikanya mu guhitamo hagati ya Kristo n'iby'isi, abenshi bahitamo iby'isi. Kimwe n'uwo musore w'umutware, banga gukurikira Umukiza bakibwira bati : uwo mugabo ntazambara Umwigisha.

Uko Kristo yaganiriye n'uwo musore bikwiriye kutubera icyigisho. Imana yaduhaye urugero rw'ubuyoboze, buri mukozi wayo wese agomba gukurikiza. Ni ukwitondera amategeko yayo, atari ukuyitondera kuko bitegetswe, ahubwo ni ukuyumvira bigacengera mu mibereho bikagaragara no mu mico. Imana yashyize icyitegererezo cyayo imbere y'abashaka kuba abaragwa b'ubwami bwayo bose. Abazemerwa nk'abahungu n'abakobwa b'Imana bonyine ni abazemera gukorana na Kristo, maze bakavugira bati : Mana yanjye uko ndi kose n'ibyo mfite byose ni ibyawewe. Buri wese agomba gutekereza kwifuza ijuru icyo ari cyo, no kuryanga kubera amabwiriza asabwa. Ngaho nimutekereze icyo bisobanuye kwagira Kristo ! Umutware yaravuze ati : Oya sinshobora gutanga byose. Mbese natwe tuvugaga dutyo?. Umukiza yitangira gufatanyaga natwe umurimo twahawe n'Imana. Yitangira gukoresha uburyo Imana yaduhaye kugira ngo umurimo wayo mu isi ukuze amajyambere. Nta bundi buryo ashobora kudukizamo.

Ubutunzi bwari bwarahawe uyu musore w'umukungu kugira ngo bimuhe akanya ko kugaragaza ko ari igisonga gikiranuka; yagombaga gutanga kuri ubwo butunzi afasha abakene. No muri iki gihe na bwo Imana iha abantu ubutunzi, impano ndetse n'uburyo kugira ngo babe ibikoresho bitabara abakene n'abari kubabazwa. Abakoresha impano bahawe ku buryo buhuye n'imigambi y'Imana, bahinduka abakorana n'Umukiza. Bakiriza imitima Kristo kuko basa na we mu mico ye.


Birashoboka ko hariho abameze nka wa musore w'umutware bafite umwanya w'icyubahiro kandi bakagira ubutunzi bwinshi; kuri bo, babona gukurikira Kristo ari igitambo kinini kitakwihanganirwa. Ariko iryo ni ryo tegeko rukumbi ry'urugero ku bashaka kuba abigishwa ba Kristo. Nta kindi cyasimbura kumvira. Kwiyanga ni cyo cy'ingenzi mu nyigisho za Kristo. Akenshi uburyo kwerekanwa kandi kugashyirwa kuri gahunda busa n'ubuduhata kuko uburyo rukumbi bwo gukiza abantu bushingiye ku kubatandukanya n'iby'isi byakwangiza umuntu akomeje kubigundira.

Mu gusubiza Umukiza ibyo yabahaye, abigishwa ba Kristo baba birundanirije ubutunzi bazahabwa kuri wa muni bazabwirwa aya magambo ngo: «Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka... injira mu munezero wa shobuja.» Kuko «kubw'ibyishimo byamushyizwe imbere, yihanganiye umusaraba, ntiyita ku isoni zawo yicara iburyo bw'intebe y'Imana.⁴». Umunezero wo kuzabona imitima y'abacunguwe bakize by'iteka ryose, uzaba umurage w'abagera ikirenge mu cy'uwavuze ngo : «Uhereko uze unkurikire.»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 19:16-22; Mariko 10:17-22; Luka 18:18-23.
2. Mariko 10:21.
3. Yoswa 24:15. 4. Matayo 25:23; Abaheburayo 12:2.

*** **

58. LAZARO, SOHOKA!



Lazaro w'i Betaniya¹, yari umwe mu ntumwa za Kristo zishikamye. Kwizera kwe muri Kristo kwahise gushimangirwa kuva yahura na we ubwa mbere; yamukundaga abikuye ku mutima, nuko na we aza kugarurirwa urwo rukundo, akundwa cyane. Ni kubwa Lazaro Kristo yakoze igitangaza gisumba ibindi mu bitangaza bye. Umukiza yakoreraga ibyiza abamushakagaho ubufasha bose; akunda umuryango wa bene muntu wose; nyamara afatanyijwe na bamwe n'imirunga ireze yihariye. Isano ikomeye y'urukundo yamuhuzaga n'umuryango w'i Betaniya, kandi kubera umwe mu bagize uwo muryango, byatumye akora igikorwa cy'agatangaza.

Umukiza ntiyari afite aho aba; yahabwaga icumbi n'incuti n'abigishwa be; akenshi iyo yumvaga ananiwe akeneye ubufasha bw'umuntu yanezezwa no kuruhukira mu rugo rutuje kwa Lazaro, kure y'urwikekwe n'ishyari by'abafarisayo b'abanyamahane. Yahakiranwaga urugwiro n'ubucuti buboneye kandi butuje, yashoboraga kuhaganirira mu mutuzo n'umudendezo nyakuri, azi ko amagambo ye azumvikana kandi akarindwa nk'ubutunzi.

Umukiza yashimaga umuryango utuje n'abamwumva babyitayeho. Yari akeneye kwitabwaho no kuruhura umutima we no kwerekwa urukundo. Abakiraga inyigisho zo mu ijuru yahoraga yiteguye gutanga babonaga imigisha, itagabanije. Imbaga y'abantu yakurikiraga Kristo banyura mu mirima mu gihe yabahishuriraga ubwiza bw'ibyaremwe. Yihatiraga kubahumura amaso y'umutima kugira ngo ababashishe kureba ukuboko kw'Imana kuramira isi. Kugira ngo ababashishe gushima ubuntu no kugira neza kw'Imana, yateraga abamwumva kureba ikime kimanuka gahoro kigwa ku butaka, ibitonyanga by'imvura ndetse n'imirasire

y'izuba bigenerwa ababi n'abeza. Yifuzaga kwereka abantu uburyo Imana yita ku bikoresho by'abantu yiremeye. Ariko abantu benshi batindaga cyane kumva naho ab'inzu y'i Betaniya bo bahaga Kristo ahantu ho kuruhukira intambara z'ubuzima bwa rubanda zimurembeje. Aho niho yashoboraga kubumburira igitabo cy'ubushake bw'Imana imbere y'abamwumvaga babikunze. Mu biganirwa bya by'umwihariko yashoboraga gusobanurira abamwumva ibyo atashoboraga kuvugira mu ruvange rw'abantu. Ntabwo yari akeneye kuvugira mu migani abwira incuti ze.

Mu gihe Kristo yigishaga inyigisho ze zishimishije, Mariya yari yicaye ku birenge bye, atuje kandi yubashye. Igihe kimwe Marita wateguraga ibyo kurya, yegera Yesu ahangayitse amuganyira, ati : «Databuja, ntubabajwe n'uko mwene data yampariye imirimo? Mubwire amfashe» Bwari ubwa mbere Kristo ari i Betaniya. We n'intumwa ze bari bamaze gukora urugendo ruruhije bava i Yeriko. Ashishikajwe no kubakira, yibagirwa ikinyabupfura gikwiriye abashyitsi. Yesu amusubizanya ineza no kwihangana agira ati : “Marita, Marita, urirushya muri byinshi, icyangombwa ni kimwe. Mariya yahisemo umugabane mwiza atazamburwa.” Mariya yuzuzaga mu mutima we amagambo y'ingenzi ava mu kanwa k'Umukiza, amagambo yari amufitiye akamaro kanini kuruta imitako y'amabuye y'igicro cyinshi.

Ikintu “kimwe rukumbi” Marita yari akeneye, wari umutima utuje, uri hamwe, icyifuzo kizima cyo kumenya ubuzima bw'ahazaza bw'iteka n'ubuntu bwo gukuza amajyambere mu by'umwuka. Yari akeneye kwita ku bintu bihoraho kuruta kwita ku bintu bishira. Yesu yashakaga kwigisha abana be gukoresha igihe cyose ngo babone ubwenge buhesha agakiza. Umurimo wa Kristo usaba abakozi bahugutse kandi b'abanyamwete. Umurimo mugari uri imbere ya ba Marita b'abanyamwete biteguye gukora umurimo wa gikristo. Ariko bagombaga kubanza kwicarana na Mariya ku birenge bya Yesu. Birakwiriye ko ishyamba, ubwira n'umwete byezwa n'ubuntu bwa Kristo kugira ngo imibereho ihinduke imbaraga zidatsindwa mu murimo wo gukora ibyiza.

Umunsi umwe, umubabaro winjira mu nzu yari ituje aho Yesu yari yararuhukiye. Lazaro atungurwa n'uburwayi, maze bashiki be batuma ku Mukiza, bati : “Databuja, uwo ukunda ararwaye.” Bumvaga indwara ya musaza wabo

ikomeye, ariko bari bazi ko Kristo akiza indwara zose. Kuko bari bizeye ko azabagirira impuhwe mu kaga kabo, ntabwo bamuhase ngo ahite aza, ahubwo bamutumyeho ubu butumwa bw'ibyiringiro ngo : “Uwo ukunda ararwaye.” Batekerezaga ko azitaba irarika ryabo vuba maze akabageraho igihe cyose azaba ageze i Betaniya.

Bategerezanya agahinda icyo Yesu avuga. Igihe cyose musaza wabo yari agihumeka, basabaga kandi bizeye ko Yesu ahagera. Intumwa igaruka batazanye, ariko izanye ubutumwa ngo : “iyi ndwara si iyi kumwica,” nuko bakomeza kwizera ko Lazaro azabaho. N'impuhwe nyinshi bakomeza kuganiriza uwo murwayi urembye cyane amagambo y'ibyiringiro no kumukomeza. Nyamara Lazaro, arapfa nuko Marita na Mariya bagira umubabaro mwinshi; bumva imbaraga ihumuriza y'ubuntu ya Kristo maze ntibagira ijamba ribi bavuga ku Mukiza.

Ku ntumwa za Kristo, byababereye nk'aho Kristo atakiranye ubwuzu ubutumwa yoherejwe. Ntiyagaragaza umubabaro nk'uko bari babyiteze. Abararanganyamo amaso niko kubabwira, ati : “Iyi ndwara si iyi kumwica, ahubwo ni iyi guhimbarisha Imana, no gutuma Umwana w'Imana ahimbazwa.” Aguma iminsi ibiri aho yari ari. Icyo gihe nticyasobanukira abigishwa kuko batekerezaga ko kuhaboneka kwe kwari kuzanira uwo muryango ubabaye ihumure. Bibutse ukuntu yakundaga uwo muryango w'i Betaniya, batangazwa nuko atitabiriye iyi nkuru ibabaje, ngo : “uwo ukunda ararwaye.”

Muri iyi minsi ibiri, Kristo yasaga n'updatekerezaga iyi nkuru ibabaje bamugejejeho; kuko nta na rimwe yigeze avuga ibya Lazaro. Intumwa zatekerezaga kuri Yohana Umubatiza Integuza ya Yesu. Bibazaga impamvu Yesu ukora ibitangaza bikomeye, yaretse Yohana akaborera muri gereza ndetse agapfa rubi. Kuki atakoresheje imbaraga ze nyinshi ngo akize Yohana? Nuko rero abafarisayo bajyaga impaka kuri icyo kibazo, bakahakura impamvu simusiga yo kurwanya ibyo kuba Umwana w'Imana kwa Kristo. Umukiza yari yaramenyeshye intumwa ze imibabaro, ibyo kwamburwa ibintu ndetse n'iby'akarengane. Mbese yari agiye kubahana mu bigeragezo? Bamwe bibazaga niba bataribeshye ku byerekeye umurimo we. Bose bari mu gihirahiro.

Nyuma y'iminsi ibiri yo gutegereza, Yesu abwira abigishwa be, ati : “Dusubire i Yudaya.” Abigishwa ntibumvaga impamvu Yesu ashaka gusubira i Yudaya, nyuma y'iminsi ibiri bategereje. Bari bafitiye Kristo impungenge ndetse na bo ubwabo nta kindi babonaga mu nzira Yesu agiye kunyura uretse akaga. Baramubwira bati : “Mwigisha, vuba aha abayuda bashatse kugutera amabuye none usubiyeyo?” Yesu arabasubiza ati : “Umunsi ntufite amasaha cumi n'abiri ?” Ndakurikira inzira ya Data; ubuzima bwanjye buri mu mutekano igihe cyose nkora ubushake bwe. Amasaha cumi n'abiri y'umunsi wanjye ntararangira. Ndegera iherezo ry'umunsi wanjye, ariko ntacyo ntinya igihe cyose umunsi ukiriho.

Yongera kuvuga, ati : “ugenda ku manywa ntasitara, kuko haba habona.” Usohoza ibyo Imana ishaka agendera mu nzira Imana yamugeneye, ntasitara cyangwa ngo agwe. Ayoborwa n'umucyo w'Umwami Imana umuha gusobanukirwa n'inshingano ye kandi ikamukomeza mu nzira itunganye, kugeza ubwo azarangiza umurimo we. “Ariko ugenda nijoro arasitara, kuko haba hatabona.” Umuntu unyura mu nzira yihitiyemo we ubwe atayiyobowemo n'Imana azasitara. Kuri we amanywa amubera ijoro kandi ntaho aba afite amahoro na gato.

Nyuma y'ayo magambo arababwira ati: “Lazaro incuti yacu irasinziriye ariko ngiye kumukangura.” Mbega ukuntu ayo magambo yakoraga ku mutima kandi yuje impuhwe ngo: “Lazaro incuti yacu irasinziriye.” Buzuwe n'igitekerezo cy'akaga Umwami wa bo yari agiye gusakirana na ko ubwo azajya i Yerusalemu, abigishwa basaga n'abibagiwe umuryango w'i Betaniya wari mu kababaro. Ariko kuri Kristo, siko byari biri. Abigishwa bagwa mu kantu. Bumijwe no kubona Kristo atarasubizanyije ubwira ubutumwa buturutse ku ncuti ze, bibatera gushidikanya ko atari afitiye Lazaro na bashiki be urukundo bamutekerezagaho. Ariko aya magambo ngo : «incuti yacu Lazaro irasinziriye,» abatera akanyamuneza. Basobanukirwa ko Kristo atigeze yibagirwa incuti ze zari mu kababaro.

«Abigishwa baramubwira, bati: Mwigisha, ubwo asinziriye azakira. Yesu yavugaga iby'urupfu rwe; ariko bo batekereza ko avuze ibyo gusinzira kw'ibitotsi.» Kristo yerekana urupfu rw'incuti ze mu ishusho y'ibitotsi. Ubugingo bwabo buba buhishanywe na Kristo mu Mana, kandi abo muri bo bapfa bazasinzirira muri we kugeza ubwo impanda y'imperuka izavuga.

«Nuko Yesu araberurira ati : Lazaro yarapfuye. Nanjye nezerewe ku bwanyu, kuko ntari mpari, kugira ngo noneho mwizere. Nimuze tujye aho ari.» Toma yateganyaga ko urupfu rutunguranye rutegereje Umwigisha we najya i Yudaya, ariko yiteramo akanyabugabo, maze abwira abandi bigishwa, ati : «natwe tugende dupfane na we.» Yari azi ukuntu abayuda banga Kristo, umugambi wabo wo kumwica ntiwari wagezweho kuko igihe cyeye yari yaragenewe kitari cyarangira. Muri icyo gihe cyose Yesu yashoboraga kwishingikiriza ku burinzi bw'abamaraika buvuye mu ijuru; nta kibi cyari kumugeraho naho haba i Yudaya aho abigishamategako bashakaga kumufatira ngo bamwice.

Abigishwa baratangara bumvise amagambo ya Kristo aho agira ati : «Lazaro yarapfuye najye nezerewe ku bwanyu, kuko ntari mpari.» Mbese Yesu yari yanze kujya gusura incuti ze zari mu kababaro kubwo kwirinda amagambo yavugwaga? Byasaga naho Mariya na Marita baretswe kimwe na Lazaro warembye. Nyamara siko byari biri. Kristo yarebaga ibyo byose, kandi nyuma y'urupfu rwa Lazaro akomereshya imbabazi ze abo bavandimwe bari mu kababaro. Yesu yabonye akababaro k'imitima yabo ishenjaguritse, mu gihe musaza wabo yarwanaga n'umwanzi we ukomeye rupfu. Yumvaga akababaro kabo kose mu gihe yabwiraga abigishwa ati : «Lazaro yarapfuye.» Ariko Kristo ntiyagombaga gutekereza gusa ku ncuti ze z'i Betaniya; yagombaga no gufasha abigishwa be bari bagiye kumuhagararira mu isi kugira ngo imigisha ya Data wa twese ishobore kugera ku bantu bose. Ni kubw'inyungu zabo yemeye ko Lazaro apfa. Iyo amukiza igihe yari akirwaye, ntiyari kuba akoze igitangaza kigaragaza kamere ye y'Ubumana.

Iyo Kristo aza kuba ari mu cyumba cy'umurwayi, ntaba yarapfuye, kuko satani atari kuba amufiteho ubushobozi. Urupfu ntirwari gushobora gutsinda Lazaro igihe yari kuba ari kumwe n'Utanga ubugingo. Yesu ahagarara kure kugira ngo areke umwanzi akoreshe imbaraga ze, hanyuma aze gushobora kumwirukana, agaragaze ko ari umwanzi watsinzwe. Abakobwa buzuye agahinda babona musaza wabo ashyizwe mu gituro. Kristo yari azi ko kwizera Umucunguzi kwabo kuzaba gushyizwe mu kigeragezo gikomeye nibabona musaza wabo apfuye. Na none kandi yari azi ko kubera intambara bagombaga kurwana, kwizera kwabo kwari kurabagirana n'umucyo mwinshi. Yiyumvagamo imbaraga izabamara umubabaro wabo wose. Nubwo yatinze, ntabwo ari uko atabakundaga cyane. Yari azi ko gutinda kwe kuzaba inyungu kuri Lazaro, kuri we ubwe no ku bigishwa be.

«Ku bwanyu» «kugira ngo mwizere.» Ku baharanira gusingira ukuboko kw’Imana bose, kugira ngo bayoborwe na yo, mu gihe bacitse intege cyane, ubwo nibwo ubutabazi bw’Imana buba bubari hafi. Hanyuma bazasubiza amaso inyuma bibuke igice kibi cy’urugendo bagenze. «Kuko Uwiteka azi gukiza abamwubaha ibibagerageza.²» Azabavana mu gishuko cyose no mu kigeragezo cyose bafite kwizera gushikamye n’ubunararibonye buhagije.

Mu gukererwa kugera kwa Lazaro, Kristo yari afitiye umugambi w’impuhwe abataramwakiriye. Mu kuzura Lazaro, yaratinze kugira ngo ashobore kwereka ubwoko bwe bw’abagome kandi butizera ko ari we «kuzuka n’ubugingo.» Ntiyashoboraga kwiyemeza kutagirira icyizere ubwo bwoko, izo mpanya z’intama z’inzererezi z’inzu ya Isiraeli. Kutihana kwabo kwamushenguraga umutima. Mu mbabazi ze, yashakaga kongera kubagaragariza ko ari we uzahura ubugingo akaba ariwe wenyine ushobora gushyira ahabona ubugingo no kudapfa. Yari agiye gutanga ikimenyetso, icyo abatambyi batazabasha guhinyura. Niyo mpamvu yasubitse urugendo rwe i Betaniya. Icyo gitangaza cyo kuzura Lazaro cyagombaga gushyira ikimenyetso cy’Imana ku murimo we no ku mvugo ye y’ubumana.

Mu nzira aya i Betaniya nkuko byari bisanzwe, Yesu yitaga ku barwayi no ku bamukeneye. Mbere yo kugerayo yoherereza abo bavandimwe babiri integuza. Ntiyahita yinjira mu nzu ako kanya, ahagarara iruhande rw’inzi ahanu hatuje. Uburyo bukomeye abayuda baherekereshaga urupfu rwa bene wabo ntibwari buhuje n’umutima wa Kristo. Yumvaga induru y’abagore bahemberwaga kurira; ntabwo yari ashishikajwe no guhurira n’abo bavandimwe muri urwo rudubi. Mu bari baje kwifatanya na bo mu kababaro, harimo bene wabo bamwe muri bo bafite imyanya ikomeye i Yerusalemu. Bamwe muri aba, bari abanzi gica ba Yesu. Amaze kumenya imigambi yabo, ntiyahita yigaragaza ako kanya.

Ubutumwa bwageze kuri Marita mu buryo bw’ibanga, ku buryo abari aho mu cyumba batashoboye kubwumva. Mariya na we ubwe yari yuzuwemo n’agahinda ntiyagize icyo amenya. Marita ahaguruka n’ingoga aya gusanganira Umwami we; Mariya yibwira ko agiye ku mva ya Lazaro, asigara yicaye ajunjitswe n’agahinda.

Marita, umutima wuzuyemo ibitekerezo binyuranye, yihutira gusanganira Yesu. Marita abona mu maso he impuhwe n’urukundo yari asanzwe abagaragariza. icyizere yari amufitiye nticyigeze gihungabana, ariko yatekerezaga kuri musaza wabo uwo Yesu na we yakundaga. Ababajwe nuko Kristo atari yaje mbere, uko biri kose akomeza kwiringira ko no muri icyo gihe, yagira icyo akora cyo kubahumuriza, Marita aravuga ati : “Databuja, iyo uza kuba hano, musaza wanjye ntaba yapfuye.” Abavandimwe bombi bari bakomeje gusubira muri ayo magambo hagati y’urusaku rw’abagore bariraga.

Yesu yarebanye impuhwe za kimuntu n’iz’ubumana mu maso hababaye kandi harembejwe n’umuruho. Marita ntiyifuzaga gutekereza ku byashize, ibitekerezo bye byagaragariraga muri ayo magambo ababajwe, ngo : « Databuja, iyo uza kuba hano musaza wanjye ntaba yapfuye. » Mu kwitegereza mu maso h’umunyarukundo, niko kongera kuvuga, ati : “ariko na n’ubu nzi yuko icyo usaba Imana ikiguha.”

Yesu akomeza kwizera kwa Marita amubwira, ati : “musaza wawe azazuka.” Mu gusubiza atyo, ntabwo yashakaga kumwizeza uguhinduka kw’ako kanya. Yashakaga kwerekeza ibitekerezo bya Marita hirya y’umuzuko w’ako kanya wa musaza wabo, maze akabyerekeza ku muzuko w’abakiranutsi. Yashakaga ko abona mu muzuko wa Lazaro impano y’umuzuko w’abakiranutsi bose, kandi ko agira kwiringira ko ibyo bizakorwa n’imbaraga y’Umukiza.

Marita arasubiza, ati : « Nzi yuko azazuka ku munsu w’imperuka. »

Yesu ashatse kugarura kwizera kwe mu nzira, aravuga ati : « nijye kuzuka n’ubugingo. » Muri Kristo harimo ubugingo bw’inkomoko butari intizo, kandi ntawe abusaba. « Ufite uwo Mwana afite ubugingo.³ » Ubumana bwa Kristo buha umwizera ibyiringiro by’ubugingo buhoraho. Yesu aravuga ati : « unyizera naho yaba yarapfuye azabaho. Kandi uriho anyizera ntazapfa. Ibyo urabyizera? » Hano Kristo atera ijisho ku gihe cyo kugaruka kwe. Ubwo abakiranutsi bazaba barapfuye bazazukana kudapfa, abakiranutsi bazaba bakiriho bazajyanwa mu ijuru batanyuze mu rupfu. Igitangaza Yesu yari agiye gukora mu kuzura Lazaro cyagombaga kwerekana umuzuko w’abakiranutsi bose. Mu ijamba rye no mu mirimo ye Yesu

yahamije ko ari we utanga umuzuko. Uwagombaga gupfira ku musaraba bidatinze yari ahagaze aho afite imfunguzo z'urupfu, umuneshi w'igituro, ahamya uburenganzira n'ubushobozi bwe bwo gutanga ubugingo buhoraho.

Ku magambo y'Umukiza ngo : « wizera ibyo? » Marita arasubiza ati : « Ye Databuja, nizeye ko uri Kristo Umwana w'Imana ukwiriye kuza mu isi. » Yari atarasobanukirwa n'amagambo yavuzwe na Kristo, ariko ahamya kwizera kwe mu bumana bwa Kristo kandi ko yiringiye ko afite ubushobozi bwo gukora ibyo ashaka byose.

Amaze kuvuga ibyo arigendera. Hanyuma ahamagara Mariya mwene nyina maze amubwira mu ibanga, ati : “Umwigisha yaje, araguhamagara.” Yamubwiye ibyo buhoro kuko abatambyi n'abakuru bari biteguye gufata Yesu bakimubona. Urusaku rw'abagore bariraga rutuma batumva amagambo ye.

Mariya akimara kumva iyo nkuru ahaguruka vuba ava mu cyumba mu maso he hahindutse. Abari bazanywe no kubahumuriza baramukirikira, kuko bibwiraga ko agiye kuririra ku mva. Akigera aho Yesu yari amutegerereje, apfukama ku birenge bye aravuga ati : “Databuja iyo uza kuba hano musaza wanjye ntaba yapfuye.” Urusaku rw'abagore bariraga rwari rwamurembeje; yifuzaga cyane kuganira na Yesu mu ituza. Ariko ibitekerezo bibi bya bamwe mu bari bari aho bari bafitiye Kristo, byamubuzaga gusobanura umubabaro we.

“Yesu abonye ko ari kurira kandi ko n'abayuda bazanye na we barira, asuhuza umutima, kandi ahagarika umutima.” Yarondoraga imitima y'abari bateraniye aho bose. Abona ko benshi bagaragazaga umubabaro udafite aho ushingiye. Yari azi ko bamwe mu bari aho, muri uwo mwanya bibonekezaga barira amarira y'uburyarya, bazamugambanira ngo apfe: atari uwo ukora ibitangaza gusa, ahubwo n'uwo wari ugiye kuzuka. Kristo yashoboraga kubambura uwo mwambaro w'ibinyoma byabo. Nyamara, ntiyabagaragariza umugayo abafitiye, maze arifata ngo atavuga ukuri kw'ibyo abona, kubera abo yakundaga, bari bapfukamye ku birenge bye kandi bababaye, bamwiringiraga by'ukuri.

Arababaza ati : “mwamushyize he?” Baramusubiza bati : “Databuja, ngwino urebe.” Bose bajyana ku gituro. Byari biteye agahinda. Lazaro yarakundwaga cyane, kandi bashiki be bashengutse umutima, baramuririraga, n'incuti zabo

zikabafasha. Muri ako kababaro abona bose baririra uwapfuye kandi Umukiza w'isi ahagaze aho, "Yesu ararira". Nubwo yari Umwana w'Imana yari yambaye umubiri wa kamere muntu, yababazwaga n'umubabaro wa kimuntu. Umubabaro uhora ubyutsa impuhwe, mu mutima we wuje urukundo n'impuhwe. Arirana n'abarira, akishimana n'abishima.

S.2. Si urukundo rwa kimuntu yari afitiye Mariya na Marita byamuteye kurira. Amarira ye yahishuraga umubabaro ukomeye kuruta uwa kimuntu nk'uko ijuru risumba isi. Kristo ntiyaririraga Lazaro kuko yari yiteguye kumuzura. Yarizwaga nuko abenshi bababaye baririra Lazaro muri ako kanya, bidatinze, bari bagiye kugira umugambi wo kwica Kuzuka n'Ubugingo. Kuko Abayuda batizera batashoboraga gusobanukirwa n'amarira ye no gusobanura umubabaro we uretse ibyo babonaga, barongorerana bati : "nimurebe ukuntu yamukundaga." Abandi bashatse guteza gushidikanya mu mitima y'abari aho, bavugana ijwi ryo kumunyangaga bati : "Uyu ko yahumuye impumyi, ntaba yarakijije n'uyu ntapfe?" Niba Kristo yari afite ubushobozi bwo gukiza Lazaro kuki yamuretse agapfa?

Indoro ya gihanuzi ya Kristo ihinguranya urwango rw'abafarisayo n'abasadukayo. Yari azi ko bari gutegura umugambi wo kumwica, kandi ko bamwe mu bari bamukikije bari hafi yo kwikingiraniraho urugi rw'ibyiringiro rwerekeza ku murwa w'Imana. Kwicisha bugufi kwe no kubambwa kwe byari byegereye, byari kugira ingaruka yo kurimbuka kwa Yerusalemu; kandi ko icyo gihe nta n'umwe uzaba akiririra uwapfuye. Yitegereza neza ipica y'umubabaro wari ugiye kugera kuri Yerusalemu. Yari azi neza ko benshi mu baririraga Lazaro ako kanya, bazapfira muri uwo murwa rwagati kandi bagapfa nta byiringiro.

Ntabwo ari ibyanyuraga imbere y'amaso ye byamuteraga kurira. Imibabaro y'ibihe byose yari imuremereye. Yarebaga ingaruka mbi zitewe no gucumura amategeko y'Imana, intambara z'urudaca uherye ku rupfu rwa Abeli ugakomeza amateka yose y'isi, hagati y'icyiza n'ikibi. Yitegerezaga ibinyejana bizakurikiraho, umubabaro n'uburibwe, amarira n'urupfu byagombaga kuba umugabane w'abantu. Umutima we ushengurwa n'agahinda ka bene muntu ko mu binyejana byose no mu bihugu byose. Ibyago by'ubwoko bwacumuye byaremereraga umutima we maze icyifuzo cyo kubakiza imibabaro yabo yose gitara amaso ye kuzura amarira.

Nuko «Yesu arongera asuhuza umutima, ajya ku mva. Yari isenga ishyizweho igitare ku munwa. Yesu aravuga ati : mukureho ibuye.» Marita arabyanga, yibwiraga ko yashakaga kureba mu maso h'uwapfuye, maze yibutsa ko hashije iminsi ine ahambwe ko yatangiye kubora. Iyo mvugo yavuzwe mbere yo kuzurwa kwa Lazaro yakuye urwitwazo mu mitima y'abanzi ba Kristo rw'uko yaba ari amayeri bakoze. Mbere yaho, kwigaragaza gutangaje kw'imbaraga y'Imana kwari kwahaye abafarisayo urwitwazo rwo gukwiza impuha. Mu gihe cyo kuzura agakobwa ka Yayiro, Kristo yaravuze ati: «umwana ntiyapfuye arasinziriye.⁴» Kuko atari amaze igihe kirekire arwaye, kandi akaba yarazuwe akimara gupfa, abafarisayo bahamije ko ako gakobwa katari kapfuye kandi ko na Kristo ubwe yabyivugiyeko ko kari gasinziriye gusa. Bari bagerageje kwizeza abantu ko Kristo adafite ubushobozi bwo gukiza, kandi ko n'ibitangaza bye ari ibikorwa by'ibinyoma. Ariko ubu bwo nta wari gushidikanya ko urupfu rwa Lazaro ari urupfu nyarwo.

Igihe cyose Uwiteka yiteguye kugira igikorwa akora, satani ahagurutsa umuntu wo kukirwanya. Kristo aravuga ati : «Nimukureho ibuye.» Uko byabashobokera kose mutegure umurimo wanjye. Ariko hano birahamya kamere y'ubushake no kwifuza bya Marita. Ntiyashakaga ko babona umurambo uri kubora. Umutima w'umuntu utinda kwakira amagambo ya Kristo kandi kwizera kwa Marita ntikwari kwasobanukiwe n'impamvu nyakuri y'isezerano rye.

Yesu acyaha Marita n'amagambo yuje ineza, ati : “sinakubwiye nti niwizera urabona ubwiza bw'Imana?” Kuki ushidikanya ububasha bwanjye? Kuki urwanya amategeko yanjye? Nabigusezeraniye. Niwizera urabona ubwiza bw'Imana. Ibidashobokera abantu ntibyakoma mu nkokora umurimo w'Imana Ishoborabyose. Kuba mu gihirahiro no gushidikanya ntibibamo kwicisha bugufi. Kwizera amagambo ya Kristo udaciye hirya no hino : uko niko kwizera nyakuri.

Mukureho ibuye”. Kristo aba yarahise abwira iryo buye ako kanya kandi rikamwumvira. Yashoboraga guha uwo murimo abamaraika bari bamuhagaze iruhande bakarivanaho. Ku itegeko rye, amaboko atagaragara yashoboraga guhirika iryo buye. Ariko ibyo byagombaga gukorwa n'amaboko y'abantu. Aho ngaho Kristo yashakaga kwereka abatuye isi ko bagomba gukorana n'Imana. Imbaraga y'Imana ntizanzwe no gukora ibiri mu bubasha bw'umuntu. Imana ntiyirengagiza

uruhare rw'abantu. Yongera umuntu imbaraga igakorana nawe ku rugero rw'imbaraga n'ububasha yamuhaye.

Itegeko rirubahirizwa ibuye ryari hejuru y'imva yakorogoshowe mu rutare rirahirikwa. Byose bikorerwa ku mugaragaro babyumvikanyeho. Umuntu wese yashoboraga kubona ko nta buriganya bwashyizwemo. Umurambo wa Lazaro urimo, ukonje nta kwinyagambura. Abariraga barekera aho. Abari aho bumiwe bategereza bahagaze bakikije imva.

Kristo yari aturiye imbere y'imva. Isaha yari itegerejwe yatumaga imitima idiha. Yesu yegera imva. Yubura amaso areba mu ijuru aravuga ati : “Data ngushimiye ko unyumviye.” Mbere yaho gato, abanzi ba Kristo bamuregaga ibyo kwigereranya ndetse bafashe n'amabuye yo kumutera kuko yahamije ko ari Umwana w'Imana. Ibitangaza bye babyitiriraga imbaraga ya satani. Ariko none dore Kristo arahamya Imana ko ari Se kandi akavugana ibyiringiro ko ari Umwana w'Imana.

Mu byo Kristo yakoraga, yakoranaga na Se. Yahoraga yihatira kwerekana ko adakora wenyine, ibitangaza yakoraga yabibashishwaga no kwizera no gusenga. Kristo yifuzaga ko isano afitanye na Se imenywa n'abantu bose. Aravuga ati : “Data ushimwe kuko wanyumvise. Ubwanjye nari nzi ko unyumva iteka ariko mbivugiye kubw'abantu bangose ngo bizere ko ari wowe wantumye.” Igihamya kirusha ibindi kubemeza cyari kigiye guhabwa abigishwa na rubanda, igikorwa cyerekeranye n'isano iri hagati ye na Se, maze kikemeza ko kuba ari Kristo atari ikinyoma.

“Amaze kuvuga ibyo, arangurura n'ijwi rirenga, ati : “Lazaro sohoka!” Ijwi rye ryumvikana kandi ricengera ryinjira mu matwi y'uwapfuye. Mu gihe yavugaga, ubumana bwe burabagiranira muri we. Mu maso he hamuritswe n'ubwiza bw'Imana, abari aho bamubonamo imbaraga y'ubumana. Amaso yose yari arangamiye umunwa w'imva. Amatwi yose yari abanguriwe no kumva ijwi naho ryaba rito. Bategerezanya amatsiko menshi kandi bafite igishyika ngo barebe Ubumana bwa Kristo butsinda ikigeragezo maze uburenganzira bwe bw'ubumana bugashimangirwa cyangwa se icyizere kikamuvanwaho by'iteka rose.

Mu kanya gato ikintu kinyeganyega mu mva yari ituje, maze mu muryango w'imva hahinguka uwari wapfuye. Intambwe ze zibuzwa n'ibitambaro bazingiramo abapfuye, ibyo bari bamufurebye, nuko Kristo ateguka abamurebaga bumiwe ati : “Nimumuhambure, mureke agende.” Bongera kubona ko uruhare rw'umuntu ari ngombwa. Abantu bagomba gukorera bagenzi babo. Bamaze kumukuraho ibyari bimuboshye, Lazaro ahagarara imbere y'abari aho, atananijwe n'indwara, ingingo ze zitananiwe kandi zidacitse intege, ahubwo ari umuntu ufite imbaraga za gisore. Amaso ye agaragaza ubwenge n'urukundo afitiye Umukiza. Yikubita ku birenge bya Yesu ngo amuramye.

Abantu bari aho babanza kumirwa batangaye, hanyuma hakurikiraho ibyishimo umuntu atabasha gusobanura n'indirimbo zo guhimbaza. Bashiki be bamuhabwa ari muzima nk'impano y'Imana, bashimiraga Umukiza, amagambo yabo agacibwamo n'amarira y'ibyishimo. Mu gihe uwo muvandimwe na bashiki be n'incuti zabo banejejwe no kongera kubonana, Yesu ariyufura. Igihe ushaka utanga ubugingo, ntumubona.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 10:38-42; Yohana 11:1-44.
2. 2 Petero 2:9.
3. 1 Yohana 5:12.
4. Mariko 5:39.

*** **

59. UBUGAMBANYI BW'ABATAMBYI



Betaniya yari bugufi bw'umurwa wa Yerusalemu, nuko bidatinze inkuru yo kuzuka kwa Lazaro igera mu murwa¹. Intasi zari aho igitangaza cyo kuzurwa cyabereye, zihutira kubigeza ku bakuru b'Abayuda. Inama nkuru y'abayuda iterana igitaraganya kugira ngo bemeze ikigomba gukorwa. Kristo yari amaze guhamya bidasubirwaho ko afite ubushobozi ku rupfu no ku gituro. Icyo gitangaza gikomeye gityo cyabaye ikimenyetso Imana yakoresheje ngo yereke abantu ko yohereje Umwana wayo kubakiza. Icyo gikorwa cy'ubushobozi bw'Imana cyari gihagije kwemeza umuntu uwo ariwe wese ushaka Imana kandi akaba afite umutimanama umurikiwe n'umucyo w'ijuru. Abenshi mu bari aho, babonye Yesu azura Lazaro baramwizera. Urwango

rw'abatambyi rurushaho kwiyongera. Bari barahinyuye ibimenyetso byose by'ubumana bwe, ndetse n'ibidakomeye nk'icyo; nuko icyo gitangaza gishya gituma barushaho kugira umujinya. Uwari wapfuye yazutse ku manywa y'ihangu imbere y'inteko y'abahamya benshi. Nta busobanuro na buto bwari gushobora gukoma mu nkokora icyo gikorwa. Icyo nicyo cyakajije urwango abatambyi bari bafite. Kuruta ikindi gihe cyose noneho bari bafashe icyemezo cyo gushyira iherezo ku murimo wa Kristo.

Abasadukayo bo, nubwo batakundaga Kristo nta buryarya bamugaragarije nk'ubw'abafarisayo. Urwango rwabo ntirwari rwinshi, noneho ubu bwo barikanze. Ntabwo bizeraga iby'umuzuko w'abapfuye. Bishingikirije ku bwenge bupfuye bumvaga bidashoboka ko uwapfuye yazuka. Nyamara amagambo Kristo yavuze yari ahagije gusenya imfatiro z'ibyo bitaga ubwenge bwabo. Kudasobanukirwa n'Ibyanditswe byera kwabo byahise bibagaragarira, banagaragarizwa ubushobozi

bw’Imana. Ntibari bazi uko bahanagura mu bantu iby’icyo gitangaza babonye. Byashoboka bite gukura mu bwenge bw’abantu ubushobozi bw’umuntu uvana abantu bapfuye mu mva zabo. Inkuru z’ibinyoma zari zarakwirakwijwe hose, nyamara igitangaza cyo ntibashoboraga kugihakana kandi ntibari bazi uburyo bahagarika ingaruka zacyo. Kugeza icyo gihe abasadukayo bari batarinjira mu mugambi wo kwica Kristo. Nyamara Lazaro amaze kuzuka babona ko urwo rupfu rwonyine ari rwo rwahagarika ibyo aregwa bitari byo.

Abafarisayo bo, kuko bizeraga iby’umuzuko ntibashoboraga kwibuza kubona muri icyo gitangaza ikimenyetso cy’uko Mesiya ari muri bo. Ariko nk’uko bari batangiye, bakomeje kurwanya umurimo wa Kristo bamuhora ko yashyize ahabona ibikorwa byabo by’uburyarya. Yari yaratanyaguye umwambaro w’imigenzo ikakaye bahishagamo imico yabo mibi. Idini iboneye yigishaga yaciragaho iteka kwibeshya ko batunganye. Ugucyaha kwe kwahuranije, kwabateye inyota yo kwihorera. Bari barakoze uko bashoboye kose ngo bamuteze kugira icyo akora cyangwa avuga cyatuma babona uko bamwica. Ibihe byinshi bagerageje kumutera amabuye maze akiyufura akabacika.

Ibitangaza byose Yesu yakoraga ku muni w’isabato, byabaga bigendereye guhumuriza abababaye; ariko abafarisayo bo bashakaga kumwica ngo aziruye isabato. Bari baragerageje kumuhagurukiriza aba Herode, babumvisha ko yifuza kujya ku ngoma, bajya inama ngo barebe uburyo bamukuraho. Kugira ngo bamuteze Abaroma bari baramubeshyeye ko ashaka guhirika ubutegetsi bwabo. Bakoresheje uburyo bwose, bihatiye kumubuza gukurikirwa na rubanda. Kugeza icyo gihe ibyo bakoze byose byari byarabaye imfabusa. Inteko y’abantu babonaga imirimo ye y’impuhwe bakanumva ibyigisho bye biboneye kandi byera, babonaga ko ibyo atari ibikorwa n’amagambo by’umuntu uzirura isabato cyangwa uwigereranya n’Imana. Ndetse n’intumwa zoherejwe n’abafarisayo, ntizigeze zishaka kumufata kuko zatangajwe n’amagambo ye. Abayuda bamaze gushoberwa batanga itegeko ry’uko umuntu wese uvuze Yesu azacibwa mu isinagogi.

Abatambyi, abatware ndetse n’abakuru, bateranira gufata icyemezo cyo gucecekesha uwo abantu bose batangazwa n’imirimo ye ihebujwe. Abafarisayo n’abasadukayo batajyaga bavuga rumwe kera, noneho buzuzwa no kurwanya Kristo. Nikodemu na Yosefu, ba bandi bari baranze ko Yesu acirwaho iteka mu nama

yashize, ntibatumurwa muri iyo nama. Imbaraga y'abizeraga Yesu inanirwa kuganza iy'abafarisayo b'abagome.

Ariko nubwo byagenze bityo, abagize inama nkuru bose ntibabibonaga kimwe. icyo gihe, inama nkuru y'Abayuda ntabwo yari iteranye mu buryo bukurikije amategeko. Guterana kwayo byajyaga gupfa kwemerwa. Bamwe mu bayigize bibazaga niba kwica Yesu harimo igitekerezo cy'ubwenge. Batinyaga ko rubanda nirwivumbagatanya, biza kubera Abaroma akito ko kunyaga abatambyi uburenganzira bwabo, aribwo bushobozi rukumbi bari basigaranye. Nubwo Abasadukayo na bo bangaga Kristo, babikoranaga amakenga kuko batinyaga ko Abaroma babanyaga icyubahiro cy'umwanya wabo w'umwihariko.

Muri iyo nama yari yateranijwe no gufata icyemezo cyo kwica Kristo, umuhamya wari warumvise amagambo y'ubwirasi bwa Nebukadinezari, akaba umuhamya w'ibyabaye mu birori by'ibigirwamana bya Berushazari, akaba yari ahari ubwo i Nazareti Kristo yiyerekanaga nk'uwashizwe w'Imana, ni na we wari uhari yumvisha abatware b'abayuda ibyo barimo gukora. Ibyari mu mibereho ya Yesu bigaragarizwa abo batware mu buryo buteye ubwoba. Bibutse ko Yesu afite imyaka cumi n'ibiri yicaranye n'abanyabwenge b'abigishamategeko, yababazaga ibibazo bikabatangaza.

Igitangaza cyari kimaze gukorwa cyahamijwe ko Yesu nta wundi yari we keretse Umwana w'Imana. Ubusobanuro nyakuri bw'Ibyanditswe byera bwo mu Isezerano rya Kera buvuga ibya Kristo bwarabagiraniye imbere y'amaso yabo. Abatambyi bakuru bari mu kayubi n'ubwoba bwinshi, barabazanya bati : « Tugire dute ? » Inteko y'inama icikamo ibice. Byari bitewe n'imbaraga y'Umwuka wera. Abatambyi n'abakuru ntibashobora kwikuramo igitekerezo cy'uko barwanya Imana.

Nuko igihe inama yari imaze kuzuramo urujijo, Kayafa umutambyi mukuru arahaguruka. Yari umugabo w'umwirasi kandi w'umugome, utwaza igitugu kandi w'intavumera. Muri bene wabo harimo abasadukayo, bahisha ubwirasi bwabo, umuhati wabo, no kwitandukanya n'abandi, icyifuzo cyabo n'ubugome bwabo mu mwambaro wo gukiranuka kw'ibigaragara. Kayafa yari yarize ubuhanuzi nubwo atari azi ubusobanuro bwabwo nyakuri, avugana ishema

n'ubutware ati : « Mbese ntimutekereza yuko ari byiza ko umuntu umwe yapfira abantu, kuruta ko ubwoko bwose bwatumbuka. » Umutambyi mukuru yifuzaga ko Yesu yapfa nubwo nta cyaha afite. Yari abangamye kuko rubanda rwose rwamukurikiraga kandi agapfobya ubutware bw'abatambyi bakuru. Byari byiza ko umuntu umwe yapfa, aho kugira ngo ubutware bw'abatambyi bugabanuke. Niba abaturage bari bamaze guta icyizere bari bafitiye abatware babo, ububasha bw'igihugu cyabo bwari kuba bushize. Kayafa abumvisha ko kubera icyo gitangaza, abigishwa ba Yesu bari bagiye gutera kwivumbagatanya. Aravuga ati: “ Ubwo rero abaroma bazaza bafunge urusengero rwacu, maze bavaneho amategako yacu, ndetse bashobora no kurimbura ishyanga ryacu ryose. Ubugingo bw'uriya munyagalilaya se buvuze iki ubugereranyije n'ubw'ishyanga ryose? Niba abangamiye inyungu z'imibereho myiza y'Abisiraeli kumwigizayo si ugukorera Imana? Ibyiza ni uko umuntu umwe yapfa aho kugira ngo ishyanga ryose ririmbuke.”

Mu kuvuga ko umuntu yari akwiriye gupfira ishyanga ryose, Kayafa yerekanaga ko hari ibyo yari azi byo mu buhanuzi, nubwo ubumenyi bwe bwari buke. Ariko Yohana we yifashishije ubwo buhanuzi, avuga ubusobanuro bwabwo bwimbitse, agira ati : “Ariko si ubwo bwoko bwonyine, ahubwo ni ukugira ngo abana b'Imana batatanye abateranirize hamwe.” Mbega ubuhumyi umwirasi Kayafa yari amenyanye umurimo wazanye Umukiza!

Mu kanwa ka Kayafa, uku kuri kw'igiciro kwamubereye ikinyoma. Uyu murongo ngenderwaho yari ategetse, wacomokaga ku ihame rya gipagani. Umutima wijimye wo kwibwira ko umuntu yapfira abandi wateye abapagane gutamba abantu. Nuko Kayafa na we yifashisha igitambo cya Kristo gukiza ishyanga ry'abagome, atari ukubakiza ibyaha, ahubwo ari ukubakiriza mu byaha ngo babone uko bakomeza kwikorera ibyaha. Mu gutekereza atyo Kayafa yizeraga ko abonye uko acecekesha abumva babonye ko ari nta cyaha babonye muri Yesu cyatuma yicwa.

Igihamya gikomeye cyari cyamaze kwinjira mu mitima y'abanzi ba Kristo bari muri iyo nama. Umwuka wera yari yakabakabye imitima yabo. Ariko satani na we yitugatugira kubigarurira. Satani yabibukije urwango bafitiye Kristo, n'uburyo atita ku gukiranuka kwabo. Yesu yerekanaga ugukiranuka kuboneye kwari gukwiriye kugirwa n'abashaka guhinduka abana b'Imana bose. Atitaye ku migenzo n'imihango, Yesu yateye umwete abanyabyaha kwivuganira n'Imana

imbonankubone Data wa twese w'imbabazi, bakaba ari yo bamenyesha ubukene bwabo bwose. Yari yaranze kwemera amategeko y'ibygisho byigishirizwaga mu ishuri ry'abigishamategeko. Mu gushyira ahabona imyifatire mibi y'abatambyi, Yesu yari acogoje imbaraga bagiraga kuri rubanda. Yari akuyeho isumbwe ryabo n'imihango yabo agaragaza ko iyo mihango isuzuguzwa amategeko y'Imana kuko bayihambiragaho ntibite ku yavuzwe n'Imana. Nuko satani abibutsa ibyo byose, abumvisha ko bakwiriye kwica Yesu niba bifuza guhamana ubutegetsi bwabo. Bumvira iyo nama. Gutinya kunyagwa ububasha bwabo bibabera impamvu ihagije yo gufata icyemezo. Uretse bake gusa banze kugaragaza aho babogamiye, inama y'Abayuda yose yemera amagambo ya Kayafa, nk'aho avuzwe n'Imana. Impaka zirahosha, abagize inama bariruhutsa. Bemeranya ko bazahita bamwica bakimara kumubona urwaho. Mu kwanga igihamba cy'uko Yesu ari Imana, abatambyi n'abakuru bari bikingiraniye mu mwijima w'icuraburindi. Bari bishyize mu butware bwa satani wari ugiye kubaroha mu irimbukiro ry'iteka ryose. Kandi satani yari yabashije kubayobya ku buryo bose bashimagizaga ko ari abayobozi bifuza gukiza ishyamba ryabo.

Ariko uko biri kose abagize inama y'Abayuda batinya gufatira Yesu ibyemezo bihubukiwe, ngo batarakaza rubanda bikaba byatuma igihano bibwiraga guha Yesu ari bo ubwabo kijyaho. Ibyo bituma hacaho igihe kugira ngo icyemezo cy'inama cyubahirizwe. Ubugambanyi bw'abatambyi ntibwatinze kugera ku Mukiza. Yari azi ko, bifuza kumwikiza, kandi imigambi yabo yari igiye kugerwaho bidatinze. Ariko si we wagombaga kwihutisha ako kaga, afata abigishwa be bava muri ako karere. Bityo Yesu, mu cyitegererezo cye aba ahamije amagambo yabwiye abigishwa be, ubwo yagiraga ati : “Nibabarenganiriza mu mudugudu umwe, muzahungire mu wundi.”² Hariho umurima mugari bashoboraga gukoreramo bakiza imitima, kandi usibye ko ukudahemuka kwabo kwari kubisaba, abakozi b'Imana ntibagombaga gushyira ubugingo bwabo mu kaga.

Umurimo wa Yesu yakoreraga mu ruhame wamaze imyaka itatu. Yatanze urugero mu kwitanga no gukorera abandi mu buntu butizigamye. Ubuzima bwe buzira amakemwa bwuzuye imibabaro no kwitanga bwari buzwi na bose. Nyamara icyo gihe kigufi cyari icyo isi yagombye kwihanganira kubw'Umucunguzi wayo.

Yasakiranye n'akarengane n'ibitutsi; yirukanwa i Betelehemu n'umwami waho w'umwirasi, i Nazareti yangwa n'abe, i Yerusalemu bamuciraho iteka ryo gupfa nta mpamvu. Yesu n'abigishwa be bake bakomeje kumubaho indahemuka, babona aho kwikinga by'akanya gato mu mudugudu w'abanyamahanga. Uwahoze yumva ibyago by'abantu, agakiza abarwayi, agahumura impumyi, akazibura amatwi y'ibipfamatwi n'ibiragi akabiha kuvuga kandi ari na we wahagije abashonji wahumurizaga abababaye, noneho yari yirukaniwe kure y'abo yari yiyemeje gukiza. Uwagenze hejuru y'umuraba w'inyanja, ijamba rye rigaturisha ugushaga kwawo, uwirukanaga abadaimoni abateguka kumenya ko ari Umwana w'Imana, agahagarika ibitotsi by'urupfu, kandi ari na we wateye abantu bose kumirwa bagatangazwa n'amagambo ye yuzuye ubwenge, ntabwo yashoboraga kugera ku mitima yahumishijwe n'ibyo yibwira ndetse n'urwango kandi yanze umucyo imaramaje.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 11:47-54.
2. Matayo 10:23.

*** **

60. AMATEGEKO Y'UBWAMI BUSHYA



Ubwo Pasika yari yegereje, Yesu yongera kwerekeza i Yerusalemu¹. Mu mutima we harimo amahoro azanwa no gusabana by'ukuri n'ubushake bwa Se, kandi yateraga intambwe yihuta yerekeza ahatambirwa ibitambo. Ariko umutima urimo urujijo, gushidikanya ndetse n'ubwoba ni wo wari mu bigishwa. Umukiza «yari abarangaje imbere. Intumwa zari zifite agahinda n'ababakurikiye bari mu bwoba.»

Na none Kristo ahamagarira abo cumi na babiri kumwegera kandi ku buryo busobanutse kuruta ikindi gihe cyose, abasobanurira ibyo kugambanirwa kwe ndetse n'imibabaro agiye kuzababazwa. Arababwira ati : «Dore turazamuka tujye i Yerusalemu, kandi ibyanditswe n'abahanuzi byose bizasohora ku Mwana w'umuntu. Azagambanirwa mu bapagane, azashinyagurirwa, bazamukoza isoni, bamucire amacandwe kandi nibamara kumukubita imikoba, bazamwica maze ku muni wa gatatu azuke. Ariko ntibagira icyo bamenya muri ibyo, kuko ayo magambo bari bayahishwe, ntibamenya ibyo babwiwe.»

Mbese ntibari bumvikanishije hose ngo : Ubwami bwo mu ijuru buri hafi? Mbese Kristo ntiyari yarasezeranye ko benshi bazicarana na Aburahamu na Isaka na Yakobo mu bwami bwo mu ijuru? Ntiyari yarasezeraniye ko bazishyurwa inshuro ijana ibyo basize muri ubu buzima, maze abazemera gusiga byose kubw'urukundo bamukunda bagahabwa ubwami bwo mu ijuru? Mbese ntiyasezeraniye abo cumi na babiri imyanya y'icyubahiro mu bwami bwe, ko bazicarana ku ntebe cumi n'ebiri maze bagacira imiryango cumi n'ibiri y'Abisiraeli imanza? N'ubundi yari amaze kubabwira ko ibyo abahanuzi bavuze kuri we byose bigomba gusohora nta kabuza. Nyamara se abahanuzi ntibari barahanuye iby'ubwiza bw'ahazaza bw'ubwami bwa Mesiya? Ngo bumve amagambo y'ibyo kugambanirwa kwe no kurenganywa ndetse

n'iby'urupfu rwe, bibatera urujijo no gushidikanya. Bibwiraga ko uko bizagenda kose ubwami butagitinze gushyirwaho.

Yohana mwene Zebedayo, yari umwe muri ba bigishwa babiri babanje gukurikira Yesu. We n'umuvandimwe we Yakobo, bari bagize itsinda rya mbere ryasize byose kugira ngo rimukorere. Bari barasize imiryango yabo n'inshuti zabo kugira ngo bamukurikire, bagendanye na we kandi baganira na we; babanye na we mu rwiherero no mu ruhame. Yari yaraturishije ubwoba bwabo, yabakuye mu kaga, yabahumuriye bababaye, yabigishanyaga ukwihangana n'urukundo, ku buryo imitima yabo ntacyo yabashaga gukora idafatanije n'uwe ; urukundo rudacogora bamugaragarizaga rwatumaga bifuza kumuhora hafi, ndetse bishobotse bakaba mu bwami bwe. Yohana nta kanya na gato yatakazaga kamubuza kuba iruhande rw'Umukiza we, na Yakobo na we yifuzaga kubona icyubahiro nk'icyo.

Umubyeyi wabo yari yarakurikiye Kristo, kandi akita ku bukene bwe atizigamye. Urukundo rwe rwa kibyezi n'impuhwe yari afitiye abana be byamuteye kwifuza kubasabira imyanya ya mbere mu bwami bushya. Nuko abatera umwete kugira ngo bazabisabe Umwami.

Uwo mubyeyi n'abana be basanga Yesu bamusaba ngo abemerere iby'umutima wabo wifuza.

Arababaza ati : « Murifuza ko mbagirira nte ? » Umubyeyi aramusubiza ati : « Tegeka ko aba bana banjye bazicarana nawe mu bwami bwawe, umwe iburyo, undi ibumoso bwawe.»

Yesu arabitondesha yirinda kubacyaha mu narijye yabo yabateraga kwifuza kubona ibyo bihitamo. Asoma mu mitima yabo, kandi azi uburyo bamuzirikana byimbitse. Urukundo rwabo ntirwari urukundo rwa kimuntu rw'igihwayihwayi; rwari urukundo rw'umucunguzi rwuzuye rukabasenderaho, ariko rwandujwe no kunyura mu muyoboro wa kimuntu. Mu cyimbo cyo gucyaha, Umukiza ashaka kweza no gutunganya. Niko kubabwira ati : « Mwabasha kunywera ku gikombe nzanyweraho cyangwa kubatizwa umubatizo nzabatizwa ? » Nuko bibuka amagambo y'ubwiru yabamenyeshaga ibigeragezo no kubabara kwe, ariko ibyo ntibyababuze kumusubiza bashikamye bati : « Turabishobora. » Babonaga ko ari

icyubahiro cyo kwifuzwa kugaragaza ubudahemuka basangira umubabaro n'Umwami wabo.

Areba imbere ye hari umusaraba uri hagati y'abagome babiri mu cyimbo cy'intebe y'ubwami, aravuga ati: «koko igikombe nzanyweraho muzakinyweraho kandi n'umubatizo nzabatizwa ni na wo muzabatizwa na mwe.» Ku byerekeye Yohana na Yakobo bari bagiye kuzasangira umubabaro n'Umwigisha wabo, umwe muri bo yari agiye kwicwa n'inkota, undi we yari agiye kuzamara igihe kirekire yihanganira imibabaro, urubwa ndetse n'akarengane.

Yesu yongeraho ati : «Ariko kwicara iburyo bwanjye cyangwa ibumoso si njye ubigaba, ahubwo bibikiwe abo byateguriwe.» Nta kurobanura ku butoni kubaho mu gutanga imyanya mu bwami bw'Imana. Ntawe ushobora kubwemererwa cyangwa kubuhabwa ku ngufu. Ni ingaruka z'imico. Ikamba n'intebe y'ubwami ni ibimenyetso bigaragara by'imibereho umuntu yagize:

kwitsinda ubiheshejwe n'Umwami Yesu Kristo.

Hashize igihe, umwigishwa Yohana wari warigishijwe gufatanya na Kristo asabana na we mu mibabaro ye, Umukiza amumenyesha itegeko rigenga gutanga imyanya mu bwami bwo mu ijuru. Kristo aravuga ati : «Unesha azicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami nkuko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye». «Unesha nzamugira inkingi yo mu rusengero rw'Imana yanjye, kandi ntazasohoka ukundi, nanjye nzamwandikaho izina ry'Imana yanjye... n'izina ryanjye.²» Na Pawulo na we yaranditse ati : «Kuko jyeweho maze kumera nk'ibisukwa ku gicaniro, igihe cyo kugenda kwanjye kirasohoye. Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera. Ibisigaye mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iryo Umwami wacu umucamanza utabera azampa kuri urya munsu. Nyamara sinjye jyeniyine, ahubwo n'abakunze kuzaboneka kwe bose.³»

Ni nde uzicara iruhande rwa Kristo, uretse uzaba yaracengewemo rwose n'umutima w'urukundo no kwemera kwitanga. Urwo rukundo «rurihangana rukagira neza, ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu.⁴» Urwo rukundo ni rwo ruhata umwigishwa wese, nk'uko rwagaragariraga muri

Kristo, rukamutera gutanga byose, kubaho, gukora no gutanga ubugingo bwe kugeza ku gupfa kugira ngo acungure umuntu. Uwo ni wo mutima wari muri Pawulo. Yashoboraga kuvuga ati : «Ku bwanjye kubaho ni Kristo;» kandi imibereho ye yamenyeshaga abantu Kristo; «kandi gupfa kumbera inyungu;» inyungu ngo ndonke Kristo, kuko urupfu rwari rugiyeye gusakaza imbaraga y'ubuntu bwe bukamukiriza imitima. Yaravuze ati : “Kristo akomeza gushyirwa hejuru n’umubiri wanjye iteka ryose nubwo nabaho cyangwa nubwo napfa.”⁵

Izindi ntumwa cumi zumvise ibyo Yohana na Yakobo basabye zirababara. Buri wese muri bo yifuzaga umwanya wa mbere mu bwami; kandi gutekereza ko abo bigishwa babiri basa n’abigiriye amahirwe, birabababaza.

Amakimbirane atewe no gushaka kumenya ukwiriye kuba mukuru uwo ari we yari agiye kuvuka, nuko Yesu arabahamagara arababwira ati : «Muzi ko abami n’abanyamahanga babatwazaga igitugu n’abakomeye na bo bahawe kubateguka, ariko mwebwe siko biri.»

Mu bwami bwo mu iyi si gufata umwanya bishatse kuvuga kongererwa icyubahiro. Umuntu yavugaga ko abaturage babereyeho gutunga abayobozi. Imbaraga, uburinzira n’amabwiriza ubwo ni bwo buryo abategutsi bakoresha kugira ngo bagenge rubanda. Abo mu nzego zo hejuru, ni ibyabo gutekereza, gufata ibyemezo, kwishimisha no kuyobora; naho rubanda rugufi rwo rugomba kumvira no kubakorera. Idini nayo ubwayo kimwe n’ikindi kintu cyose, yari yarabaye nk’ubutegetsu. Rubanda rwagombaga kwizera no gukora ibihuje n’amabwiriza atangwa n’abo hejuru. Uburenganzira bwa muntu bwo kwitekerereza no kwikorera uko abyumva byari byarirengagijwe rwose.

Kristo yashakaga gushingira ubwami bwe ku mahame anyuranye n’ayo. Yararikiraga abantu kudakorera, ahubwo gukorera abandi; umunyambaraga, akagomba kwikorera intimba z’ufite intege nke. Ububasha, umwanya, ubwenge n’ubuhanga byahaga ba nyirabyo inshingano ikomeye yo gufasha bagenzi babo. «Ibyo byose bibaho ku bwanyu»⁶ : ayo magambo yabwiwe uworoheje wo mu bigishwa ba Kristo.

«Kuko Umwana w’umuntu ataje gukorera ahubwo yaje gukorera abandi, no gutangira ubugingo bwe kuba inshungu ya benshi.» Kristo yikoreye amaganya

n'imitwaro by'abigishwa be. Yafatanije na bo ubukene bwabo, yisiga ubusa ku bwabo, yabajyaga imbere kugira ngo abaringanirize ahataranganiye, akavanaho ibirushya kandi bidatinze yari agiye kurangiza umurimo we ku isi, atanga ubugingo bwe. Ihame ry'urufatiro rwa Kristo ni ryo rikwiriye kugenga ab'itorero rya Kristo, kuko ari ryo mubiri we. Gahunda n'urufatiro rw'agakiza bigaragazwa mu rukundo. Abakurikiza icyitegererezo bahawe bakora nk'abungeri b'umukumbi we, ni bo bakuru mu bwami bwa Kristo.

Icyubahiro nyakuri n'ishimwe byo mu mibereho ya gikristo, bigaragarira muri aya magambo yavuzwe na Paulo ngo : «Nubwo kuri bose ndi uw'umudendeze, nihinduye imbata ya bose.» «Sinishakira ikinyungura ubwanjye keretse icyungura benshi kugira ngo bakizwe.⁷»

Ku byerekeye umutimanama, umutima ukwiriye kutagira ikiwuremerera. Nta muntu n'umwe ukwiriye kwigira umugenga w'umutima w'undi ngo yigire umucamanza we cyangwa yihe kuwugerera inshingano yawo. Imana igenera umutima wose uburenganzira bwo gutekerezwa n'ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa ibyo wiyemeje ubwawo. «Umuntu wese muri twe azimurikira ibyo yakoze imbere y'Imana.» Nta muntu ufite uburenganzira bwo gutsindagira igitekerezo cye mu mutima w'undi. Ahantu hose iri hame rikerenswa, barabwirwa ngo : «Umuntu wese amenye adashidikanya mu mutima we.⁸» Ubwami bwo mu ijuru, ntibukoresha igitugu, si ubwami butababarira. Abamalayika bo mu ijuru ntibazanwa no gutegeka cyangwa gushaka ishimwe ku isi, ahubwo baza ari intumwa z'imbabazi gufatanya kwegura abaguye.

Amahame y'urufatiro rw'inyigisho z'Umukiza, ndetse n'amagambo ye, yambaye ubwiza bw'ijuru yakomeje kwibera mu bwenge bw'intumwa yakundaga. Kugeza ku iherezo ry'ubuzima bwe ubuhamya bwe bukubiye muri ayo magambo ngo : «Ubwo ni bwo butumwa mwumvise, uhereye mbere na mbere ngo : Mukudane.» «Iki ni cyo kitumenyesha urukundo icyo ari cyo, ni uko Yesu yatanze ubugingo bwe ku bwacu, natwe ikidukwiriye ni uko twatanga ubugingo bwacu ku bwa bene data.⁹»

Umutima umeze utyo ni wo wabonekaga mu itorero rya mbere. Bamaze gusukirwa Umwuka wera «abizera bahuzaga umutima n'inama kandi nta n'umwe wagiraga ubwiko ku kintu.» «Nta mukene wababagamo.» «Kandi intumwa zagiraga imbaraga nyinshi zo guhamya kuzuka k'Umwami Yesu; nuko rero ubuntu bw'Imana bwinshi bukaba kuri bo bose.¹⁰»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 20:20-28; Mariko 10:32-45; Luka 18:31-34.
2. Ibyahishuwe 3:21,12.
3. 2 Timoteyo 4:6-8.
4. 1 Abakorinto 13:4,5.
5. Abafilipi 1:21,20.
6. 2 Abakorinto 4:15.
7. 1 Abakorinto 9:19; 10:38.
8. Abaroma 14:12,5.
9. 1 Yohana 3:11,16. 10. Ibyakozwe n'intumwa 4:32-34.

*** *** ***

61. ZAKAYO



Yesu ari mu nzira igana i Yerusalemu “yinjira mu mudugudu w’i Yeriko maze awugendamo”. I Yeriko hari ahantu hari ibyatsi bishimishije, bugufi bw’uruzi rwa Yorodani, i burengerazuba bw’ikibaya mu kabande kaho. Ugereranije n’imikindo yaho, ubusitani bushimishije ndetse

n’amasoko yaho; Yeriko yarabagiranaga nk’imarigarita ku buryo yari ihabanye n’igishonyi n’ibikuku by’ikidaturwa byari hagati yayo na Yerusalemu¹.

Abagenzi benshi banyuraga i Yeriko baja mu minsi mikuru. Igihe cyose uko bahanyuraga byabaga ari umunezero, ariko ubu bwo, hari ikintu cy’ingenzi cyari giteye amatsiko rubanda. Bari bazi ko Umwigisha w’i Galilaya wari uherutse kuzura Lazaro, ari muri iyo nteko, nuko abantu benshi bari batangiye guhwiwisa ubugambanyi bw’abatambyi, mu gihe iyo nteko yari itegereje kumuhimbaza.

Yeriko yari umwe mu midugudu yari yarashyizwe ku ruhande kera kubw’umurimo w’ubutambyi, mu gihe cya Yesu abatambyi benshi ni ho bari batuye. Ariko uwo mudugudu wari utuwe n’amoko menshi anyuranye. Wari umudugudu ukomeye w’ubucuruzi, kandi abasirikari bo hejuru n’abo hasi b’abaroma ndetse n’abanyamahanga bavuye impande zose barimo, habagamo n’abakoresha b’ikoro benshi kugira ngo basoreshe.

Umukoresha w’ikoro mukuru, Zakayo w’umuyuda, yangwaga na bene wabo; urwego yarimo n’ubutunzi bwe, igihembo batishimiraga kuko yabikuye mu murimo abayuda batemera, babonaga bihwaye no kurenganya n’uburiganya. Nyamara uwo mukozi mukuru ushinze amahoro ntabwo yari umunyabyaha winangiye umutima; mu ishusho y’ubwirasi n’agasuzuguro, hateragamo umutima

ushobora kugengwa n’Imana. Zakayo yari yarumvise bavuga ibya Yesu. Kumenyekana kwa Yesu wagiriraga impuhwe amatsinda abandi bangaga, kwari kwarakwiraye hafi na kure. Uwo mutware w’abakoresha b’ikoro yifuzaga kugira imibereho itunganye. Yohana yari yarigishije ku nkombe z’uruzi rwa Yorodani bugufi bw’i Yeriko. Kandi na Zakayo yari yarumvise ijwi rirarikira abantu kwihana. Itegeko ryahawe abakoresha b’ikoro ngo : “Ntimukake abantu ibiruta ibyo mwategetswe,”² nubwo mu buryo bugaragara Zakayo atabikoraga, ryagize icyo rikora mu mutima we. Yari azi Ibyanditswe kandi yari azi ko ibikorwa bye ari bibi. Noneho yumvise ibivugwa ku Mwigisha mukuru, yiyumvamo ko ari uwo gucirwaho iteka mu maso y’Imana. Cyakora ibyo yari yumvise kuri Yesu byongera gusubiza ibyiringiro mu mutima we. Kwihana, guhinduka kw’imibereho byarashobokaga no kuri we; uwo Mwigisha mushya ntafite umukoresha w’ikoro mu bigishwa be biringirwa ? Amaze kubimenya neza, Zakayo atangira kwishyura abo yahemukiye.

Agerageza atyo gukosora imibereho ye yo mu gihe cyashize, ubwo inkuru yasakaye ngo Yesu yinjiye mu mudugudu wa Yeriko. Zakayo yifuza kureba Kristo. Atangira kwiyumvamo ububi bw’imbuto z’icyaha, no gusobanukirwa uburyo bikomereye umuntu kuva mu nzira ye mbi. Byari bikimukomereye kwemerwa kandi yarakoresheje imbaraga ze zose kugira ngo akosore amafuti ye; ariko bakamugumanira urwikekwe no kumuhinyura. Nuko umutware w’abakoresha b’ikoro, yifuza kureba mu maso h’uwatumye umutima we ugarurwamo ibyiringiro kubw’amagambo ye.

Maze kuko mu mayira hari huzuyemo abantu benshi, Zakayo wari umuntu mugufi, ntiyashoboraga kureba anyujije amaso hejuru y’imitwe y’abantu. Nta washatse kumubererekera, maze uwo mukungu w’umusoresha yiruka ajya imbere y’abantu, yurira igiti kinini cy’umuvumu maze yicara mu mashami yacyo, aho yashoboraga kwitegereza umurongo w’abantu bagenda. Iyo nteko y’abantu iraza, iratambuka, Zakayo na we ashakashaka uwo yifuzaga kureba.

Muri iyo nkubiri y’abatambyi n’abigishamategeko ndetse na rubanda basakuza, Yesu amenya icyifuzo cy’uwo mukoresha w’ikoro mukuru, nubwo atari yakimubwiye. Mu kanya gato, itsinda ry’abantu rihagarara munsu y’uwo muvumu, abari bagiye imbere n’abari inyuma na bo barahagarara, nuko indoro yasaga n’isoma

ibiri mu mitima yirebera mu giti hejuru uwari yubaraye ku giti atangazwa no kumva aya magambo : «Zakayo ururuka vuba, kuko uyu muni nkwiriye kurara iwawe.»

Abantu bigiraye, maze Zakayo ameze nk'urota, yereka Yesu inzira igana iwe. Ariko abigishamategako babireba nabi, maze barijijuta bati : “Dorere, agiye gucumbika ku munyabyaha.”

Zakayo atsinzwe, akomeza kumera nk'ikiragi kubwo gutangara abonye urukundo no gukomera kwa Kristo utitaye ku kudatungana kwe agaca bugufi cyane akemera kuza iwe. Urukundo n'ubudahemuka yari afitiye uwo Mwigisha mushya bituma atobora aravuga. Yashakaga guhamya ku mugaragaro kwizera kwe, n'uko yihannye.

Imbere y'abateraniye aho, Zakayo arahaguruka, abwira Umwami Yesu ati: «Dore Databuja, umugabane wa kabiri w'ibintu byanyije ndawuha abakene, kandi umuntu wese nambuye ndamuriha kane. Yesu aramubwira ati : Uyu muni agakiza kaje muri iyi nzu, kuko nawe uri umwana w'Aburahamu. »

Ubwo wa musore w'umutunzi yavaga aho Yesu ari, abigishwa bari batangaye ubwo bumvaga Umwigisha agira ati: «Mbega uburyo bikomereye umutunzi kwinjira mu bwami bw'Imana !» Bari babwiranye bati: «none ninde ubasha gukizwa? » Noneho rero barimo bareba ubusobanuro bw'ukuri Yesu yahamije: «ibidashobokera abantu, ku Mana birashoboka.³» Bari bahawe kwitegereza ko kubw'ubuntu bw'Imana, umutunzi ashobora kwinjira mu bwami bwo mu ijuru.

Mbere y'uko Zakayo areba Kristo mu maso, yari yamaze kugaragaza ibimenyetso byo kwihana nyakuri. Yihannye ibyaha bye hataragira umurega. Akimara kwemezwa n'Umwuka wera, Zakayo yatangiye kubahiriza amabwiriza yahawe abisiraeli ba kera natwe ubwacu. Kera Uwitwaga yari yaravuze ati : « Mwene wanyu nakeza akananizwa gukora n'intege nke imbere yawe, ujye umufasha, mubane nk'umunyamahanga n'umusuhuke ugusuhukiyeho. Ntukamwake inyungu cyangwa ibirenze, ahubwo utinye Imana yawe, kugira ngo mwene wanyu abone uko abana nawe. Ntukamuguririze ifeza zawe kumwaka inyungu cyangwa ibyo kurya

byawe nk'uzamwaka ibirenze. Ntimukariganye, ahubwo mutinye Imana yanyu. ⁴» Aya magambo yari yaravuzwe na Kristo ubwe, igihe yari mu nkingi y'igicu; maze Zakayo ikintu cya mbere yakoze ngo yerekane ko yamenye urukundo rwa Kristo ni ukugirira abakene impuhwe n'abatagira icyo bafite.

Abakoresha b'ikoro bari barakoze ishyirahamwe ryo kurenganya rubanda no gufashanya mu bwambuzi bwabo. Biyumvishije ko ubwambuzi bwabo ari bubi, noneho bakajya bakora nk'abandi muri rusange. Nyamara nubwo abatambyi n'abigishamategeko babaneguraga, na bo barikungahazaga mu buryo bw'uburiganya bifurebye umuhamagaro wabo wera. Ariko Zakayo akimara kwemera kuyoborwa n'Umwuka wera, yahise yanga ikintu cyose kinyuranye n'ukubonera.

Nta kwihana nyakuri kuba kubayeho iyo hatabayeho guhinduka mu migirire. Gukiranuka kwa Kristo, ntabwo ari umwambaro ugenewe gutwikira ibyaha nyirabyo yanga kwihana cyangwa kureka, ahubwo ni ihame ry'ubugingo rihindura imico rikanayobora imyifatire. Ukwera ni ukwiyegurira Imana rwose; umutima wose ukumvira, kandi ubugingo bukumvira amahame y'ijuru.

Mu mirimo isanzwe umukristo agomba kwereka ab'isi uburyo Umwami wacu yayobora imirimo y'ubucuruzi. Muri buri gikorwa agomba kugaragaza ko Imana ari yo Shebuja. Aya magambo ngo : “cyerejwe Uwiteka” agomba kwandikwa mu gitabo cy'imikorere cya buri muni, no mu gitabo kinini, no ku masezerano, no ku mpapuro z'ubwishyu, ndetse no ku mpapuro z'ubuguzi no kugurana. Abantu bose bavuga ko bakurikiza Kristo, ariko bagakora badakiranuka baba batanga ubuhamya bubi ku mico y'Imana yera kandi igira imbabazi. Buri muntu wese wakiriye Kristo mu mutima we, azahamya kwihana kwe nka Zakayo; yanga ibikorwa byose by'uburiganya yari amenyereye gukora. Nk'uko umutware w'abakoresha b'ikoro yagenje; uwo muntu na we azerekana kwizerwa asubiza ibyo yibye. Uwiteka aravuga ati : “Umunyabyaha nagarura iby'abandi yahaweho ingwate, akagarura ibyo yibye... ntakore ibibi, kubaho azabaho ntazapfa. Akagendera mu mategeko ahesha ubugingo ntakore ibibi;...ibyaha bye byose yakoze nta na kimwe kizibukwa, kubaho azabaho.”⁵»

Niba hari umuntu twahemukiye dukora imibare y'ubucuruzi iriganya, niba hari uwo twabeshye, niba hari uwo twimye ibyari bimukwiriye ahererwa

uburenganzira n’itegeko, twagombye kwicuza ibyaha byacu, maze tukamusubiza ibye uko bishobotse kose. Ni iby’ukuri ko tutagomba kugarura ibyo twibye gusa, ahubwo n’inyungu twakuyemo maze zikarundanywa mu gihe cyose twari tubifite niba byarabikijwe mu buryo bwemewe n’amategeko.

Umukiza abwira Zakayo ati : “Uyu muni agakiza kaje muri iyi nzu” Zakayo ntabwo yari wenyine muri uwo munezero, yawusangiye n’ab’umuryango bese. Kristo yagiye iwe kugira ngo amwigishe ukuri no gusobanurira ab’umuryango we iby’ubwami bwo mu ijuru. Agasuzuguro k’abigishamategeko n’abatambyi kari karabujije abo kwa Zakayo kwegera isinagogi; noneho, uyu muryango wigiriye amahirwe kuruta indi miryango yose y’i Yeriko, ubasha kwakira Umwigisha wavuye mu ijuru maze ukamwiyumvira awubwira amagambo y’ubugingo.

Igihe umutima wakiriye Kristo nk’Umukiza wawo bwite, nibwo ubasha kugera ku gakiza. Zakayo ntabwo yakiriye Kristo nk’umugenzi wihitira gusa, ahubwo yamwakiriye nk’umuntu ugomba gutura mu rusengeri rw’umutima we. Abanditsi n’abafarisayo babonaga Zakayo nk’umunyabyaha mubi maze binubira uburyo Yesu ajya gucumbika iwe, ariko Umukiza yabonaga Zakayo na we nk’umwana w’Aburahamu. Bityo, «abafite kwizera ni bo bana b’Aburahamu.⁶»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 19:1-10.
2. Luka 3:13.
3. Mariko 10:24,26; Luka 18:27.
4. Abalewi 25:35-37,17.
5. Ezekeieli 33:15,16.
6. Abagaliya 3:8.

*** **

62. MU NZU YA SIMONI



Mu mubare w'abigishwa ba Yesu, Simoni w'i Betaniya yari umwe mu bafarisayo bake bari bafatanije ku mugaragaro n'abakurikiraga Yesu¹. Yamwemeraga nk'Umwigisha, kandi nubwo yendaga kumwemera nka Mesiya, ntabwo yari yakamwemera nk'Umukiza; kamere ya Simoni yari itarahinduka, imigirire ye ntiyari yarahindutse.

Simoni amaze gukizwa ibibembe na Yesu yifuje kumuyoboka. Ashatse kumugaragariza ko azirikana ibyiza yamukoreye, ategurira Umukiza hamwe n'abigishwa be umunsi mukuru ubwo Kristo yari anyuze i Betaniya ubuheruka. Abayuda benshi bateranira muri uwo munsi mukuru. Muri icyo gihe i Yerusalemu hari imivurungano ikomeye. Amaso yose bari bayahanze

kuri Kristo n'umurimo we kurusha ikindi gihe cyose. Bamwe mu bari mu munsi mukuru, bagenzuraga Yesu kenshi bitegerezanya indoro mbi ibyo akora byose.

Yesu agera i Betaniya Pasika isigaje iminsi itandatu gusa ngo ibe kandi nk'uko yamenyereye ahagarara kwa Lazaro ngo aruhuke. Abagenzi benshi binjiraga mu murwa bakwiza inkuru ko Yesu ari mu nzira aya i Yerusalemu kandi ko aruhukira isabato i Betaniya. Umunezero mwinshi wari muri iyo nteko. Umubare munini w'abantu wirukankira i Betaniya, bamwe bari bakuruwe n'urukundo bari bafitiye Yesu, naho abandi bari bajyanywe n'amatsiko gusa ngo bajye kureba uwo yazuye.

Benshi bari biteze kumva Lazaro avuga ibintu bitangaje yaba yarabonye amaze gupfa. Ariko baramwara, kuko Lazaro ntacyo yavuze muri ibyo. Ibyanditswe byera biratubwira biti : “Abapfuye ntacyo bazi. Urwagano rwabo, urukundo rwabo, n’ishyari ryabo byose biba bishize.”² Nyamara Lazaro yari afite ubuhamya butangaje bwerekeranye n’umurimo wa Kristo. Uwo ni wo mugambi watumye azuka. Yahamyaga afite imbaraga n’ibyiringiro ko Yesu ari Umwana w’Imana.

Amagambo yagejejwe i Yerusalemu n’abari bavuye i Betaniya yongera imivurungano mu bantu. Bategerezanya igishyika kubona no kumva Yesu. Bose bibazaga niba Lazaro aza kumuherekeza i Yerusalemu, bakanibaza niba uwo muhanuzi ataza kwimikwa kuri uwo munsu mukuru wa Pasika. Abatambyi n’abakuru babonaga ko imbaraga bari bafite kuri rubanda igenda igabanuka cyane; maze umujinya bari bafitiye Yesu ugenda urushaho kwiyongera. Byari bibagoye gutegereza igihe gikwiriye cyo kumwikiza by’iteka ryose, ngo ababise. Uko igihe cyagendaga gihita batangira gutinya ko atazaza i Yerusalemu. Ibihe byinshi yajyaga avumbura imigambi yabo y’ubwicanyi ni cyo cyatumye batinya ko ahari yaba yavumbuye ubugambanyi bamufitiye akigumira kure yabo. Bananiwe guhisha ibibarimo, batangira kubazanya bati : «Mbese murabitekerezaho iki? Mbese ntazaza mu munsu mukuru?»

Abatambyi n’abafarisayo bateranya inama. Kuzuka kwa Lazaro kwatumye abantu benshi bakunda Kristo, ku buryo kumufata ku mugaragaro byajyaga kuba akaga. Noneho abatware bajya inama yo kumufata rwihishwa, maze bakamucira urubanza biherereye uko bishoboka kose. Bibwiraga ko rubanda ruhindagurika ruzabagarukira nirumara kumenya ko urubanza rwe rwamenyekanye.

Uko niko biyemeje kurimbura Yesu. Nyamara abatambyi n’abigishamategeko bari bazi neza ko nta mahoro azigera abaho igihe cyose Lazaro azaba akiriho. Kubaho k’umuntu wazuwe bitewe n’ijambo rya Yesu, kandi yari amaze iminsi ine mu gituro, byanze bikunze byari bihagije gutera imivurungano. Rubanda bajyaga kuryoza abatware babo kuba baratinyutse kwica uwakoze igitangaza kimeze gityo. Nuko inama nkuru y’Abayuda ifata icyemezo ko Lazaro na we agomba gupfa. Ngaho aho ishyari no kwibwira bibasha kugeza nyirabyo.

Urwango no kutizera by'abatware b'abayuda byari bikabije cyane ku buryo bari biteguye no kwica umuntu imbaraga isumba byose yari imaze kwivanira mu gituro!

Mu gihe ubugambanyi bwariho bucurirwa i Yerusalemu, Yesu n'inshuti ze bari batumiwe mu munsu mukuru kwa Simoni. Umukiza yari yicaranye ku meza na Simoni; uwo yari yarakijije indwara yangwaga cyane; ku rundi ruhande rwe hicaye Lazaro, uwo yari yarazuye mu bapfuye. Marita yaragaburaga mu gihe Mariya yumvanaga ubwuzu ijamba ryose rituruka mu kanwa k'Umwigisha.

Kubw'imbabazi ze, Yesu yari yaramubabariye ibyaha bye kandi avana mu gituro musaza we yakundaga cyane: umutima wa Mariya wuzura ishimwe ryinshi. Yari yarumvise Yesu avuga iby'urupfu rwe rwari hafi, urukundo rwe rw'inshi n'agahinda yari afite byateye umutima we kumwubahiriza bitaraba. Mu kwitanga kurenze urugero yari yarabashije kubona urwabya rw'amavuta "meza nk'amadahano y'agati kitwa Narada y'igiciro cyinshi cyane," kugira ngo ayasige umubiri wa Kristo. Nuko noneho ubwo abantu benshi bizeraga ko agiye kwambikwa ikamba ry'ubwami, umubabaro wa Mariya uhinduka umunezero, nuko ntiyashobora kwihanganira kutazanira Umwami ibyo kumwubahiriza. Nuko apfunduye umukondo w'amadahano, ayo mavuta ayasuka ku mutwe wa Yesu no ku birenge bye, arapfukama aririra ku birenge bye kandi abihanaguza imisatsi ye miremire.

Yibwiraga ko ahita ntawe umubonye, ariko umubavu ukwira mu cyumba, utuma abateraniye aho bose bakebuka. Yuda acyaha cyane iyo migenzereze, ntiyategereza kumva icyo Yesu abivugaho ahubwo atangira kwijujuta abwira abamuri hafi, ageza n'aho acyaha Umwigisha we ko yemeye ko bapfusha ibintu ubusa. Akoresheje uburiganya bukomeye, agerageza kumvikanisha umubabaro we.

Yuda, wari umunyaruhago rw'abigishwa, kandi kubw'imirimo ye bwite yari yarakoze rwihishwa muri uwo mutungo, agabanya k'uwo mutungo n'ubundi wabaga ari muke. Yihutiraga gushyira muri urwo ruhago icyo yajyaga ashobora kubona cyose. Akenshi bakoraga muri urwo ruhago bafasha abakene; kandi igihe cyose baguraga ibintu abona ko bidakenewe, Yuda yaravugaga ati : Aya mafaranga apfuye iki ? Kuki adashyizwe mu ruhago rwagenewe gufasha abakene? Igikorwa cya Mariya cyari gihabanye n'ukwikunda kwa Yuda, ku buryo Yuda byamuteye isoni; nk'uko yari amenyereye, Yuda ugerageza gusobanura impamvu amugaye. Ahindukirira abigishwa arababaza ati : «Aya mavuta apfushirijwe iki ubusa ko yajyaga kugurwa idenariyo zisaga magana atatu, zigahabwa abakene? icyatumye

avuga atyo, si ukubabarira abakene, ahubwo ni uko yari umujura, kandi ari we wari ufite umufuka w'impia akiba ibyo babikagamo.» Yuda nta mpuhwe yari afitiye abakene. Iyo baza kumuha ikiguzi cy'umubavu wa Mariya, abakene nta mugabane na muto bazaga kubonaho.

Yuda yari afite ibitekerezo bihanitse kubw'ubushobozi bwe nk'umuntu ushyira mu bikorwa. Nk'umucungamari, yiyumvagamo ko aruta bagenzi be abo yari yaramaze kubyumvisha. Amaze kwemerwa na bo, yabagiragaho imbaraga nyinshi. Yabashukishaga gusa n'ukunda abakene, maze uburiganya bwe bukomeye abukoresha ngo bagaye igikorwa cya Mariya cyo kubahiriza Umwami. Ukwijujuta byumvikana ku meza hose ngo: «Aya mavuta apfushirijwe iki ubusa, ko yajyaga kugurwa impia nyinshi zigafasha abakene?»

Mariya ababazwa n'ayo magambo ashavuje. Atinya ko mukuru we yamurega ko atagaguza ibintu. Ahari yibwira ko n'Umwigisha na we yamucyahira ko atazi guteganya. Yari agiye kwiufura atireguye nta n'impamvu atanze. Nuko mu kanya humvikana ijwi ry'Umwami ngo : «Nimumureke! Muramuterera iki agahinda?» Yesu yabonye agahinda n'akaga Mariya yari arimo, yari azi ko yifuje kubw'icyo gikorwa kugaragaza ishimwe ry'uko yababariwe ibyaha bye; maze Umwami ashaka kugarura ihumure mu mutima we. Nuko mu gihe abandi bijutaga bitonganya Umwami azamura ijwi aravuga ati :«Ankoreye umurimo mwiza ! Abakene muri kumwe na bo iteka; kandi aho mwashakira, mwabagirira neza ariko jyewe nti turi kumwe iteka, akoze uko ashoboye. Abanje kunsiga amavuta ku mubiri awutunganiriza guhambwa.»

Impano ihumura neza Mariya yari yateguye gusiga umurambo w'Umukiza, ayimusukaho akiri muzima. Mu gihe cyo guhambwa impumuro y'uwo mubavu yari kuzura mu mva gusa mu gihe umutima we noneho wanejejwe n'icyo gihamba cyo kwizera n'urukundo. Yosefu wo mu Arimataya na Nikodemu ntabwo bahaye Yesu impano zabo z'urukundo rwe akiri muzima. Bazaniye umubiri we wahorose kandi utumva imibavu yabo ihenze cyane. Abagore bazanye imibavu yabo ku mva, baruhiye ubusa kuko Yesu yari yazutse. Ariko, Mariya we mu gusuka urukundo rwe ku Mukiza, igihe yari agishobora kubishima, yasize umubiri we awutegurira guhambwa, kandi hanyuma igihe

Umukiza yinjiraga mu mwijima w'umubabaro mwinshi yajyanye urwibutso rw'icyo gikorwa nk'ikimenyetso cy'urukundo azahorana iteka ryose mu bo yacunguje amaraso ye.

Abantu benshi ni abazanira intumbi impano zabo z'igiciro cyinshi. Amagambo meza y'urukundo akavugirwa iruhande rw'umupfu. Bakavuga amagambo meza yuje ishimwe n'urukundo bayabwira utacyumva. Mbega ukuntu ayo magambo yari kuba umubabwe uhumura neza w'igiciro cyinshi, iyo aza kuba yarabwiwe umutima urushye igihe wari uyakeneye, igihe ugutwi kwari kukibasha kumva n'umutima ukibasha kuyakomeza !

Mariya ntiyasobanukirwaga neza icyo icyo gikorwa cye cy'urukundo kivuga. Ntabwo yari gushobora gusobanurira abamurega, nta nubwo yari kumenya kuvuga impamvu yamuteye guhitamo icyo gihe ngo abe aribwo asiga Yesu amavuta. Umwuka wera yari yamuteguriye byose, icyo yakoze ni ukumvira gusa ibyo yamutegetse. Guhumekerwa n'Umwuka wera ntibishakisha impamvu zabyo, byo ubwabyo birisobanura. Ni imbaraga itagaragara ibwira umutima n'ubwenge maze igatera umutima gukora.

Mu gusobanurira Mariya uburebure bw'igikorwa cye, Kristo amuha byinshi birenze ibyo we yatanze. Yesu yaravuze ati : « Igitumye uyu mugore ansukaho ayo mavuta ku mubiri, ni ukuwutunganiriza guhambwa. » Uko uwo mukondo w'amavuta wafunduwe maze ugakwiza umubavu w'amavuta mu nzu hose, niko na Kristo yari agiye gupfa umubiri we ugahambwa ; maze yasohoka mu gituro akuzaza mu isi yose umubavu w'ubugingo bwe. « Kristo yaradukunze, atwitangira kuba ituro n'igitambo cy'Imana n'umubabwe uhumura neza.³»

Yesu yarababwiye ati : « Ndababwira ukuri ko aho ubutumwa bwiza buzigishwa hose mu isi yose, icyo uyu mugore ankoreye kizavugirwa kugira ngo bamwibuke. » Umukiza, yitegereje ahazaza avuga iby'inkuru nziza, arayishimangira cyane. Ubu butumwa bwiza bwagombaga kwigishwa mu isi yose. Kandi aho buzagera hose impano ya Mariya izakwiza umubavu wayo, maze icyo gikorwa kibere imitima myinshi isoko y'umugisha. Ubwami bwajyaga kubaho bukanahanguka, amazina y'ibikomangoma n'intwari yajyaga kuzabaho akanibagirana; ariko inyandiko z'amateka yera yajyaga gutuma igikorwa cy'uyu mugore kitazasibangana. Kugeza ku mpera z'ibinyejana byose, uyu mukondo

w'amadahano wapfunduwe wari kuzavuga iby'urukundo rwinshi Imana yakunze ubwoko bwagomye.

Igikorwa Mariya yakoze cyari gihabanye cyane n'icyo Yuda yendaga gukora. Mbega icyigisho gikomeye Kristo yashoboraga guha uyu muntu wari ushyize mu mitima y'abigishwa imbuto y'ibibi n'uburyarya ! Mbega ukuntu umurezi na we yari akwiriye kuregwa ! Ugenzura intekerezo zo mu mitima yose kandi agasobanukirwa buri kantu ko mu bikorwa byacu yashoboraga kuvumbura inyandiko zijimye zo mu mutima wa Yuda maze akazigaragariza abaje muri ibyo birori. Biba byaramworohereje guhishura imyirato y'ubusa y'uwo mugambanyi; kuko atakundaga abakene ahubwo yibaga amafaranga agenewe kubafasha. Byari koroha kumutera icyangiro agaragaza uburyo yarenganyaga umupfakazi n'imfubyi kimwe n'umusuhuke. Ariko iyo Kristo ahishura Yuda, bari kumugira nyirabayazana w'ubugambanyi. Kandi iyo Yuda aza kuregwa ubujura, no mu bigishwa hari kubonekamo n'abamugirira impuhwe. Umukiza ntiyagira na kimwe amucyaha kubwo kwirinda guha ubugome bwe urwitwazo.

Ariko Yuda yitegereje indoro ya Yesu asobanukirwa neza ko Umukiza yitegerezaga uburyarya bwe kandi akabona ukuntu imico ye ari mibi kandi igayitse. Ikindi kandi gushimira igikorwa cya Mariya kwari ugucyaha Yuda. Kugeza icyo gihe, Umukiza yari atari yigeze acyaha Yuda imbonankubone. Ubwo buryo bwo gucyaha bushengura umutima w'uwo mwigishwa mubi; wahise atekereza kwihorera. Akimara gusohoka mu ruriro Yuda aramboreza agana ku ngoro y'umutambyi mukuru, aho inama yari yateraniye; nuko abemerera kubashyikiriza Yesu bakamufata.

Abatambyi basabwa n'umunezero. Bari barahawe amahirwe yo kwakira Kristo nk'Umukiza wabo nta kiguzi batanze. Ariko bari baranze iyo mpano y'agahozo bahanywe impuhwe zuje urukundo. Bamaze kwanga agakiza karushije agaciro izahabu zitagira akagero noneho bagura Umukiza wabo ibice by'ifeza mirongo itatu.

Yuda yari yarabagariye gukunda impiya ku buryo imiterere myiza yose yo mu mico ye yahenebereye. Yifuzaga ibyagenewe Yesu. Ishyari ryashenguye umutima

we abonye Umukiza ahawe impano ikwiriye igikomangoma cyo ku isi. Nuko agura Umwami we igiciro kiri hasi y'icyo baguze amavuta y'umubavu.

Abandi bigishwa ntibari bameze nka Yuda. Bakundaga Umukiza ariko na bo ntibashimaga neza imico ye y'ubupfura. Iyo baza kuba barasobanukiwe n'ibyo yabakoreye, icyo yari guhabwa cyose nticyajyaga kurebwa nk'igihombo. Abanyabwenge baturutse iburasirazuba, nubwo bari bazi bike cyane kuri Yesu, basobanukiwe rwose icyubahiro cyari kimukwiriye. Bari barazaniye Umukiza impano zabo z'igiciro cyinshi, kandi baramupfukamira, igihe yari akiri agahinja gato, karyamishijwe mu muvure w'inka.

Kristo ashima impano ziturutse ku mutima ukunze. Igihe cyose hari umurimo wabaga umukorerewe, icyo gikorwa cyari guhembanwa ubugwaneza bwinshi mu ijuru. Yesu ntiyigeze na rimwe yanga kwakira akarabo gaciye n'umwana muto, akagatangana impuhwe n'ubuntu. Yakiraga impano z'abana maze abazitanze bagahembwa kwandika amazina yabo mu gitabo cy'ubugingo. Ugusigwa amavuta na Mariya kwa Yesu kwanditswe mu Byanditswe byera, kugira ngo bimutandukanye na ba Mariya bandi. Ibikorwa by'urukundo n'icyubahiro bigiriye Yesu biherekeza kwizera Umwana w'Imana. Umwuka wera yifuza ko umugore «Yoza ibirenge by'abera, agafasha abababaye, agashishikarira gukurikiza imirimo myiza yose,⁴» ngo agaragaze uko yumvira Kristo.

Yesu yagize umunezero mwinshi abonye Mariya ashishikajwe no gukora ibyo Umwami we ashaka. Yakiriye agaciro k'urukundo rutangaje, urwo abigishwa be bari batarashobora gusobanukirwa. icyifuzo cya Mariya cyari gifite agaciro kanini mu maso ya Kristo kurusha amavuta yose yo mu isi ahenze cyane kuko cyagaragaje ukuntu uwo mugore yubashye Umucunguzi w'ab'isi. Urukundo rwa Kristo ni rwo rwamuhataga. Ubwiza butagira ikizinga bw'imico ya Yesu bwateraga umutima wa Mariya gutangara. Umubavu yatuye wari ipica y'umutima we. Kwari ukwigaragaza inyuma k'urukundo imiyoboro yo mu ijuru yasendereje.

Abigishwa bari bakeneye igikorwa nk'icyo cya Mariya kugira ngo basobanukirwe ko kwerekana urukundo rwabo byashimisha Kristo. Yari yarababereye byose ariko bari batarasobanukirwa ko bidatinze azabakurwamo, ko vuba batazashobora kumugaragariza ibimenyetso by'ishimwe nk'ingurane y'urukundo rwe rwinshi yabakunze. Abigishwa ntabwo basobanukiwe na rimwe

nk'uko byari bikwiriye umubabaro Kristo yagize igihe yariho mu mibereho ya kimuntu, ubwo yari kure y'ibikari byo mu ijuru. Yesu ibihe byinshi yababazwaga no kutabonana abigishwa ibyo yagombaga kubasangana. Iyo baza kuba barakorewemo n'imbaraga y'abamaraika b'ijuru babanaga na we, na bo ntibari gushobora kubona impano n'imwe ihagije yasobanura urukundo rw'iby'umwuka rwo mu mitima yabo.

Hashize igihe nibwo basobanukiwe by'ukuri ibintu byose bashoboraga gukora ngo bagaragarize Yesu ishimwe ryo mu mitima yabo igihe yari akiri muri bo. Igihe Yesu yari atakiri muri bo bameze nk'intama zidafite umwungeri, batangiye gusobanukirwa ubwitonzi bari bakwiye kumugaragariza ngo banezeze umutima we. Nuko barekeraho gucyaha Mariya kugira ngo babone uko bicyaha ubwabo no kubabazwa n'uko bamutonganije, no gushengurwa n'uko berekanye ko abakene ari bo bakwiriye kwibonera impano ya Mariya kurenza Kristo. Agahinda kabo kabaye kenshi igihe bavanaga ku musaraba umurambo washenjaguritse w'Umwami wabo.

Muri iki gihe, ubukene nk'ubwo buracyumvikana. Bake cyane muri twe ni bo basobanukiwe n'icyo Kristo ababereye. Ubundi bari bakwiriye kugaragaza urukundo rumwe n'urwa Mariya; maze ugusigwa amavuta bigatangwa ku buntu. Ntibari bakwiriye kubona umubavu w'igiciro nk'igihombo. Ituro ryiza cyane rituwe Kristo ntabwo rikwiriye kubonwa ko rihenze cyane; nta kwitanga kose nta gitambo cyose, bigiriwe Yesu byagaragara ko ari ibintu bikomeye cyane.

Aya magambo y'umubabaro ngo : “Apfiriye iki ubusa?”, yibukije Kristo mu buryo butangaje gitambo gikomeye kitigeze kibaho: impano ye bwite we gitambo gikuraho ibyaha by'ab'isi yagomye. Umukiza yabaye umunyabuntu cyane kuri bene muntu ku buryo bidashoboka gutekereza ko hari ikindi yagombaga gukora kiruseho. Mu gutanga Yesu, Imana yari itanze ijuru ryose. Mu mirebere ya kimuntu gitambo nk'icyo cyashoboraga gusa nk'aho ari igihombo kidasubirwamo; kandi ko inama y'agakiza yose ari ugupfusha ubusa ubuntu n'ubutunzi. Tubeshejweho buri gihe no kwiyanga n'igitambo cy'Imana cyatanganywe umunezero. Ingabo zo mu ijuru zitangazwa cyane no kubona bene muntu banga gucungurwa no gukungahazwa n'urukundo ruva mu ijuru rwerekaniwe muri

Kristo. Abamaraika ni bo bari bafite impamvu zabatera kuvuga bati : “Apfiriye iki ubusa?”.

Ariko kugerekwaho ibyaha kwakorewe isi yaguye, kwagombaga gusohozwa kandi kugasendera. Ituro rya Kristo ryagombaga gusaga bihagije, kugira ngo rigere ku mutima wose waremwe n’Imana. Ntibyari bikwiriye kurigabanya ngo ringane n’umubare w’abazemera impano z’akataraboneka. Abantu bose ntabwo bakize, ariko kuba inama yo gucungura umuntu itarakijije abateganijwe bose kubw’ubuntu, si byo byakwitwa gupfa ubusa.

Simoni wari wararitse Yesu, ugucyaha kwa Yuda agaya impano ya Mariya, kwari kwamushimishije, maze ubwibone bwe bwa gifarisayo butangazwa n’imyifatire y’Umukiza. Yari azi ko benshi mu batumirwa bababajwe n’ibikorewe Yesu, niko kwibwira ati : “Uyu muntu iyo aba umuhanuzi yajyaga kumenya umugore umukozeho kandi akamenya n’uwo ari we ko ari umunyabyaha.”

Mu gukiza Simoni ibibembe bye, Kristo yari asubije ubugingo umeze nk’intumbi, nyamara muri icyo gihe Simoni yari agishidikanya ko Yesu ari umuhanuzi. Kristo yemereye uwo mugore kumwegera aho kumwirukana nk’umunyabyaha mubi udashobora kubabarirwa; ntabwo yigeze yifuza ko bamenya ko azi ibyaha bye, maze Simoni agwa mu kigeragezo cyo gutekerezaga ko atari umuhanuzi. Simoni yaribwiraga ati : Yesu ntabwo azi iby’uyu mugore wiha kwigaragaza naho ubundi ntiyakwemera ko amukoraho.

Ariko kuko Simoni atari azi Imana ntanamenye na Yesu uwo ari we, ni cyo cyamuteye gutekerezaga atyo. Ntabwo yiyumvishaga ko Umwana w’Imana ashobora gukora mu buryo bw’ijuru n’impuhwe n’urukundo ndetse n’imbabazi nyinshi. Ariko Simoni we ntabwo yitaye ku cyubahiro Mariya yerekanishije ukwihana kwe. Umutima we unangiwe washenguwe no kubona asoma ibirenge bya Yesu akanamusiga amavuta. Yatekerezaga ko iyo Kristo aza kuba ari umuhanuzi yagombye kumenya abanyabyaha akabigizayo.

Nubwo icyo gutekerezaga kitavuzwe ngo bacyumve, Umukiza akivugaho ati : “Simoni mfite icyo nkubwira: hariho umuntu wagurizaga, yari afite abantu babiri bamubereyemo imyenda, umwe yarimo umwenda wa denariyo magana atanu, undi arimo mirongo itanu. Ariko kuko bari babuze ubwishyu azibaharira bombi.

Mbese muri abo bombi uwarushije undi kumukunda ni nde? Simoni aramusubiza ati : Ngira ngo ni uwo yahariye nyinshi. Yesu aramusubiza ati: uvuze neza.»

Nkuko Natani yabwiye Dawidi, Kristo yahishe muri uwo mugani ibyo yashakaga kumugezaho. Areka uwamucumbikiye ngo abe ari we wicira urubanza. Simoni ni we wari waracumuje uwo mugore none amuhinduye igishungero cye. Yari yaramukoreye ibibi byinshi. Umugambi w’umugani wo kugereranya abarimo ubwishyu babiri wari uwo kugaragaza Simoni na Mariya. Yesu ntabwo yashakaga kuvuga ko abo bombi bagombaga kumukunda ku buryo butandukanye; kuko bose barimo ideni ry’ishimwe batashoboraga kuba bakwishyura. Ariko Simoni we yiyitaga umukiranutsi kurusha Mariya, ariko Yesu ashaka kumwumvisha uburyo ari umunyabyaha amwereka ko icyaha cye kiruta icya Mariya; nkuko umwenda wa magana atanu uruta uwa mironko itanu.

Simoni atangira kwisobanukirwa bundi bushya nk’uko ari. Abona ko Mariya ashimwe n’uwo yabonaga ko aruta umuhanuzi; kandi asobanukirwa ko amaso ya gihanuzi acengera ya Yesu asobanukiwe urukundo no kwitanga byuzuye mu mutima wa Mariya. Simoni arumirwa maze asobanukirwa ko imbere ye hahagaze ikizima kitagira aho gihuriye na we.

Yesu akomeza agira ati : «Ninjiye mu nzu yawe ntiwampaye amazi yo koga ibirenge, ariko Mariya we atonyangirije amarira ku birenge byanjye, maze abihanaguza umusatsi we. Ntiwansomye, ariko uyu mugore usuzugura, aho ninjiriye ntiyahwemye kunsoma ibirenge.” Kristo yibukije Simoni igihe cyose yahawe ko, yari akwiriye kugaragariza Umwami we urukundo, no gushima ibyo yamugiriye. Umukiza abwira abigishwa be kumugaragararo ariko akoresheje ubuhanga bw’inshi, ko abana be bamubabaza, igihe birengagije kumugaragariza ishimwe ku magambo ye no ku bikorwa bye by’urukundo.

Usoma ibiri mu mutima yari azi imbaraga yakoresheje Mariya, na none yabonaga umwuka wari uri muri Simoni. Simoni yaramubajije ati: “Urabona uyu mugore? Ni umunyabyaha.” Ni cyo cyatumye amubwira ko «ababariwe ibyaha bye byinshi, kuko yagize urukundo rw’inshi. Ariko ubabwirwa bike akunda buke.»

Kubera kutagaragaza agashyuhe, no kwirengagiza Umukiza Simoni yari agaragaje uburyo yahaga agaciro gake ubuntu yagiriwe. Yari azi ko ari icyubahiro gihagiye gutumira Yesu mu nzu y'iwe. Ariko noneho yari yiboneye uko ari. Mu gihe yibwiraga ko asoma mu mutima w'umushyitsi we, umushyitsi na we yasomye mu we. Asanga Kristo yamuciriye urubanza rw'ukuri. Idini ye yari igizwe n'umwambaro wa gifarisayo gusa. Yajyaga akerensa impuhwe za Yesu. Ntabwo yari yarigeze amubonamo uhagarariye Imana. Mariya yari umunyabyaha wababariwe; ariko we yari umunyabyaha utarababarirwa. Itegeko ridahinduka ry'ubutabera yashakaga ko rihana Mariya, Simoni ubwe ni we ryahannye.

Yesu yerekanye ubutungane bwe, ntiyacyahira Simoni imbere y'abatumirwa be, ibyo bikora ku mutima wa Simoni. Ntabwo yagenjerejwe nk'uko yifuzaga ko bagenzereza Mariya. Yabonye ko Yesu adafite umugambi wo guhishurira abandi ibyaha bye, ahubwo asobanukirwa ko yihatiraga kumwereka uko ari ngo yemeze umutima we, ari na ko amuhamiriza ubuntu bwe n'imbabazi. Ugucyahanana ubukana kwari gukorerwa Simoni nta kindi kwajyaga kumara uretse kurushaho kunangira umutima we, bigatuma kwihana kwe bigorana, mu gihe umuburo utanganywe ubugwaneza, ugira ingaruka zo kwemeza umutima ikosa ryawo. Simoni yahise abona ubunini bw'umwenda afitiye Umukiza. Ubwirasi bwe bucishwa bugufi arihana, maze uwari umufarisayo w'umwibone, ahinduka umwigishwa wicisha bugufi witeguye kwitanga.

Mariya yagaragaraga nk'umunyabyaha ukabije ariko Kristo yari azi impamvu zononnye imibereho ye. Aba yarashoboye kuzimya muri we agacyo gaheruka k'ibyiringiro ariko Kristo arabyirengagiza. Niwe wari wamukijije ubwihebe bwe no kurimbuka. Mu bihe birindwi byose Yesu yamwirukanyemo abadayimoni bari barigaruriye umutima we n'ubwenge. Mariya yajyaga yumva amasengesho yamusabiraga atakambira Se. Mariya yari yaramenye neza uburyo icyaha ari kibi imbere yo kwera kw'Imana, maze kubw'imbaraga z'Imana, yari yarabashije kunesha.

Mu gihe imibereho ye yasaga n'idafite ibyiringiro imbere y'abantu, Kristo areba imico myiza yo mu mibereho ye, abona muri Mariya uburyo bwo kwihana. Inama y'agakiza yuguruye imbere ya bene muntu ibyiringiro by'imirimo ikomeye na Mariya yari guhamagarirwa. Ubuntu bwa Kristo bwabashishije umunyabyaha

kugabana kuri kamere y'ubumana. Nyuma yo kugwa kwe, nyuma yo guhinduka isenga y'abadaimoni, yigishijwe gusabana n'Imana no kuba mu murimo w'Umukiza. Mariya uwo ni we wari wicaye ku birenge by'Umukiza kugira ngo akurikire ibyigisho bye. Ni we wasutse ku mutwe wa Yesu amavuta y'igicro cyinshi, kandi ibirenge bye abitotesha amarira ye. Ni we wabaye uwa mbere kujya ku mva ye, ubwo Yesu yari amaze kuzuka. Mariya uwo ni na we wabaye uwa mbere mu kumenyesha abantu ko Yesu yazutse.

Yesu azi ibiba ku muntu wese. Ushobora kuvuga uti : « Ndi umunyabyaha ndetse umunyabyaha mubi.» Ibyo birashoboka; ariko uko imibereho yawe igenda ibura ibyiringiro, niko uba ukeneye Yesu biruseho. Nta n'umwe waje asanga Yesu afite umutima umenetse arira, ngo amwirengagize. Nta wundi abwira ibyo yashobora kuguhishurira ku bikureba. Umutima wose uhinda umushyitsi arawukomeza. Ababarirana impuhwe nyinshi abantu bose bamukeneyeho imbabazi no kubyutswa.

Kristo yashoboraga gutegeka abamaraika bo mu ijuru, gusuka ku iyi si yacu inzabya z'umujinya kugira ngo atsembeho abanzi b'Imana. Yashoboraga gutsemba uwo mwanda ku isi, ariko ibyo ntiyabikoze. Ubu ahagaze imbere y'icyotero cy'imibavu ashya imbere y'Imana amasengesho y'abasaba ubutabazi bwe.

Yesu avanaho ibirego ku bantu bose bamushakaho ubuhungiro. Nta muntu n'umwe ndetse nta n'umudaimoni n'umwe ushobora kurega imitima imeze ityo. Kristo abahuza na kamere ye y'ubumana n'ubumuntu. Bahagarara bugufi bw'uwikorera ibicumuro, mu mucyo uva ku ntebe y'Imana. « Ni nde uzarega intore z'Imana ? Ni Imana kandi ari yo yazitsindishirije? Ninde uzaziciraho iteka ? Ni Kristo kandi ari we wazipfiriye? Ndetse akaba yarazutse ari iburyo bw'Imana adusabira?⁵».

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 26:6-13; Mariko 14:3-11; Luka 7:36-50; Yohana 11:55-57; 12:1-11.
2. Umubwiriza 9:5,6.
3. Abefeso 5:2.
4. 1 Timoteyo 5:10.
5. Abaroma 8:33,34.

63. UMWAMI WAWA ARAJE



“ Nezerwa cyane wa mukobwa w’i Sioni we! Rangurura wa mukobwa w’i Yerusalemu we, dore Umwami wawe aje aho uri, niwe mukiranutsi kandi azanye agakiza; yicishije bugufi agendera ku ndogobe, ndetse no ku cyana cyayo.^{2»}

Uko niko umuhanuzi Zakariya yari yaravuze ukuza k’Umwami wa Isiraeli, mu binyejana bitanu byari bishize mbere y’uko Kristo avuka. Noneho ubwo buhanuzi bwari bugiye gusohora. Yesu amaze igihe kirekire yanga icyubahiro cy’ubwami, aza i Yerusalemu nk’umuragwa wasezeranywe w’ingoma ya Dawidi.

Hari kuwa mbere w’iminsi irindwi ubwo Kristo yinjiraga i Yerusalemu ku mugaragaro. Inteko nini y’abantu baturutse i Betaniya, noneho baramuherekeza, bari bafite ishyushyu ryo kubona insinzi ye. Abantu benshi bajyaga mu muji kwizihiza umunsi mukuru wa Pasika bifatanyaga n’iyo nteko yari ikikije Yesu. Byasaga naho ibyaremwe byose biri mu munsi mukuru. Ibiti byari biyumbije kandi indabyo zabyo zakwizaga umwuka mwiza mu kirere. Ubuzima n’umunsi mukuru bishya byashimishaga rubanda rwose. Bariho bishimira ko bagiye kubona ubwami bushya.

Kugira ngo abone uko yinjira muri Yerusalemu, Yesu yategutse babiri mu bigishwa be kumuzanira indogobe n’icyana cyayo. Mu ivuka rye, Umukiza yemeye icumbi mu bantu b’abanyamahanga. Ikirugu bamuryamishijemo cyari igitirano. Kandi nubwo inka zo ku misozi igihumbi zose ari ize, byabaye ngombwa ko yifashisha ubugira neza bw’umunyamahanga kugira ngo abone indogobe yo kwicaraho ngo ashobore kwinjira muri Yerusalemu ari Umwami. Buri gihe

ubumana bwe bugaragarira no mu byigisho byoroheje aha abigishwa yashinze uwo murimo. Nkuko yari yarabihanuye, byari bihagije ko bavuga bati:

“Databuja ni we ugishaka,” kugira ngo bahabwe icyo bashakaga. Yesu yakoresheje icyana cy’indogobe kitigeze guheka umuntu na rimwe. N’umunezero mwinshi, abigishwa barambura imyenda yabo ku ndogobe maze bayicazaho Umwigisha wabo. Abigishwa ngo babone Yesu wajyaga yigendera ku maguru noneho akoresheje indogobe, babanza gutangara, ariko ibyiringiro binejeje biza guhumuriza imitima yabo aribyo byo kumubona yinjiye mu murwa, agatangaza ko ari Umwami, maze agashimangira ubutegetsi bwe bwa cyami. Mu kumvira Umwigisha bamenyesha inshuti za Yesu ibyiringiro byabo bikomeye; iyo nkubi ikwira hose ndetse igera kure, imara amatsiko rubanda rwari rutegereje.

Muri uko kwinjira mu buryo bwa cyami, Kristo yari akoze nk’uko umuhango wa kiyuda wa kera wari uri. Indogobe yasaga n’iy’abami ba Isiraeli bagendaragaho, ni yo ubuhanuzi bwari bwaravuze ko Mesiya azagenderaho aje mu bwami bwe. Yesu akimara kwicara ku cyana cy’indogobe, urusaku rwinshi rwo kunesha rukwira mu kirere. Inteko y’abantu yahimbazaga ko ari Mesiya kandi akaba n’Umwami. Icyo gihe Yesu yemera ibyubahiro atari yarihanganiye mbere hose maze abigishwa bafata umwanzuro ko ibyiringiro byabo binejeje bigiye kugerwaho; ko bagiye kumubona yimye ingoma. Abantu benshi bari bamaze kwemezwa noneho ko igihe kigeze ngo ishyanga ryabo ryigenge. Mu bitekerezaho byabo babonaga ingabo z’abaroma zimaze kwirukanwa muri Yerusalemu, kandi Isiraeli yamaze guhinduka ishyanga rifite ukwishyira ukizana. Bose ibyishimo byari byabasabye; byari iby’ugiye kubazanira icyubahiro nyakuri. Ntibyari mu bushobozi bwabo kumwerekanisha umuhango ukomeye w’ubwiza butangaje, ariko bamushimaga n’umutima unezerewe. Badashoboye kumuha impano z’agatangaza barambura aho anyura imyenda yabo nk’imikeka, kandi no mu nzira hose banyanyagizamo amashami ya Elayo n’ibibabi by’imikindo. Ntabwo bashoboye kuzamura amabendera ya cyami imbere y’inteko imushagaye, ahubwo bacaga amashami y’imikindo, ikimenyetso gisanzwe cyo kunesha, maze bayazunguza bitera hejuru na za : “Hoziyana” zirenga.

Uko bagendaga batambuka, niko inteko y’abantu yiyongeraga: abamenye ko Yesu ageze bugufi bazaga bihuta bivanga n’abari bamushagaye. Abantu

b'indeberezi bivangaga n'iyi nteko maze bakabaza bati : “Ariko se uriya ninde? Ni iki giteye iriya mivurungano yose? Bose bari burumvise ibya Yesu, kandi bari bategereje kumureba i Yerusalemu, nyamara bari bazi neza ko igihe cyose yangiye abashakaga kumufata kugira ngo bamwimike, maze batangazwa no kumenya ko ari we... Bibazaga ihinduka ryabonetse muri we kandi yarajyaga ababwira ko ubwami bwe butari ubw'iyi si.

Nuko kubera urusaku rwinshi, ibibazo byabo birayoyoka. Inteko y'abantu ntiyahwemaga kwikiranya n'urusaku rwo kunesha; abari kure na bo bumvikanisha urusaku nk'urwo, imisozi n'ibikombe birirangira. Maze izindi nteko ziturutse i Yerusalemu, ziraza zifatanya n'abari bamuherekeje. Inteko ibihumbi byinshi yari iri mu muji yizihiza Pasika, izanwa no guha Mesiya ikaze. Bamuhimbaza bamuzunguriza amashami y'imikindo kandi baririmba indirimbo zera. Mu rusengero abatambyi bamenyeshaga igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba bavuzza impanda, ariko bake gusa ni bo bitabye, nuko abakuru bagize ubwoba, barabwirana bati : “ dore rubanda rwose ruramukurikiye!”

Mu gihe cy'imibereho ye ya hano ku isi, Yesu ntabwo yari yarigeze agaragaza ikintu gisa gityo. Yari yarateganiye ingaruka yabyo. Ibyo byagombaga kumushyira ku musaraba. Ariko umugambi we wari uwo kwiyerekana gutyo, akishyira ku mugaragaro nk'Umucunguzi. Yashakaga kugarura intekerezo ku gitambo cyagombaga gusozza umurimo we ku isi yononekaye. Mu gihe abantu bari bateraniye i Yerusalemu kugira ngo bizihize Pasika we Mwana w'intama Pasika yasuraga, yari aje kwitambaho igitambo cy'ubushake. Mu binyejana byinshi, itorero ryajyaga kugaragaza ubukene rifite mu guhora ryiga ku buryo bwimbitse iby'urupfu rwe rukuraho ibyaha. Ikintu cyose gifitanye isano n'icyo gikorwa cyagombaga gusuzumanwa ubwitonzi. Noneho ubu bwo byari ngombwa ko amaso yose yerekera kuri we ibyari bikwiriye kubanziriza igitambo cye gikomeme, byagombaga kubaho ku buryo bikeburira abantu ku gitambo ubwacyo. Hanyuma y'ibyo bintu byagendanaga no kwinjira kwe muri Yerusalemu, amaso yose yari agiye kwerekera ku ntambwe yihuta agana ku iherezo ry'umurimo we.

Ibikorwa bifitanye isano n'uko kwinjira kwe nk'umuneshi ni byo byajyaga kuba ikiganiro kuri bose, maze bigatera imitima yose kwita kuri Yesu. Nyuma yo kubambwa, benshi bari kwibuka bya bindi byabaye, bifitanye isano n'iby'urubanza rwe ndetse nibyo gupfa kwe. Bityo bagombaga kwiga ubuhanuzi, maze

bagasobanukirwa rwose ko Yesu ari we Mesiya; ibyo bigatuma umubare mwinshi w'abizera bakira ibyiringiro bishya wiyongera mu bihugu byose.

Muri icyo pica yo kunesha, yabaye imwe rukumbi mu mibereho ye yo ku isi, icyo Umukiza abishakira yari kwiyerekana ashagawe n'abamaraika bo mu ijuru maze akihamisha impanda y'Imana, ariko igikorwa nk'icyo cyari kuba gihabanye n'umugambi w'ubutumwa bwe, kandi kikaba gihabanye n'amategako yagengaga imibereho ye. Ariko akomeza kuba indahemuka, mu kwicisha bugufi kwe yari yariyemeje. Yagombaga kwikorera umutwaro w'abatuye isi kugeza igihe ubugingo bwe buzatangwa ngo bucungure abatuye isi.

Uwo muni, wasaga n'uwabereye abigishwa mwiza cyane mu mibereho yabo yose, wajyaga kubahindukira ibicu bicuze umwijima icyo baza gushobora kumenya ko ibyo byishimo byari intangiriro y'imibabaro ndetse n'urupfu rw'Umwigisha wabo. Nubwo akenshi cyane atahwemye kubabwira ko igitambo cyekidakuka, mu munezero wo kunesha w'ako kanya, bari bibagiwe amagambo ye ateye agahinda, maze bishakira kumubona anezerewe mu bwami bukungahaye, ari ku ngoma ya sekuruza Dawidi.

Inteko imuherekeje yarushagaho kugenda yiyongera, kandi hafi ya bose bari banejejwe n'ako kanya, maze bakishimira kumvikanisha za Hoziyana, ku musozi ujya ku wundi, ikibaya kigahereza ikindi. Nta gutuza, bateraga hejuru bagira bati: «Hoziyana mwene Dawidi! Hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka! Hoziyana ahasumba hose!»

Ntabwo higeze kubaho inteko ishimishije nk'icyi. Ntabwo yari ihwanye n'icy'abaneshi b'ibihanganye bo ku isi. Nta mfungwa zigenda zirira zari zibaherekeje zafashweho iminyago banesheje. Ahubwo Umukiza yari akikijwe n'insinzi ihebuje y'umurimo we w'urukundo afitiye umuntu wacumuye. Aho hari imfungwa yanyaze ubutware bwa satani; kandi yashimiraga Imana ko yababohoye. Impumyi yari yarahumuye zerekanaga inzira. Ibiragi yari yaragobotoye indimi zabyo ni byo byavugaga za Hoziyana zumvikana cyane. Ibirema yari yarakijije byasimbukiraga hejuru n'umunezero, birusha abandi kwihutira kujya kuvuna amashami y'imikindo no kuyazunguza imbere y'Umukiza.

Imfubyi n’abapfakazi bahimbazaga izina rya Yesu kubera imirimo y’impuhwe yabakoreye. Ababembe yahumanuye ni bo bagendaga barambika imyenda yabo mu nzira y’aho anyura, imyenda itari icyandujwe n’umuze w’uburwayi kadi bakamusingiza kuko ari Umwami w’icyubahiro. Abo ijwi rye ryakanguye mu bitotsi by’urupfu bari bateraniye aho muri iyo nteko. Lazaro uwo umubiri we waboreye mu mva, noneho ubwo umubiri we wari ufite imbaraga, kandi ni we wari uyoboye indogobe Umukiza yari yicayeho.

Abafarisayo benshi bari aho, bamazwe n’ishyari n’uburiganya, bakoraga uko bashoboye kose ngo iyo nkubi ya rubanda bayinyuze mu kindi cyerekezo, bifashishije ubushobozi bwabo ngo bayicecekeshe; ariko guhamagara kwabo no gucyaha kwabo byatumaga umunezero urushaho kwiyongera. Bihebye ko ibyabo bicitse kandi batinya imbaraga za rubanda nyamwinshi ko zakwimika Yesu ngo abe umwami, bashakira akayira muri iyo nteko, maze bagera aho Umukiza ari, bamubwira amagambo yo kumucyaha no kumukangara bati : “Mwigisha cyaha abigishwa bawe.” Bibwiraga ko urusaku nk’urwo no kwigaragaza bitari byemewe n’amategeko kandi ko n’abategetsi batabyihanganira. Ariko Yesu abacecekesha kubacyaha agira ati: “Ndababwira ko aba bahoze, amabuye yarangurura!” Iyo pica yo kunesha yari yarahanuwe n’umuhanuzi yari ihuye n’umugambi w’Imana kandi nta muntu wari ufite ubushobozi bwo gukoma mu nkokora umugambi wayo. Imana yari gushobora gutiza ijwi amabuye akavuga kugira ngo yakire Umwana w’Imana anamuhimbaza iyo abantu baza kuba babyanze. Nuko biba ngombwa ko abafarisayo bikubura kandi amajwi amagana menshi asubira mu magambo yavuzwe na Zakariya ngo : “Nezerwa cyane wa mukobwa w’i Sioni we, dore Umwami wawe aje aho uri; ni we mukiranutsi, kandi azanye agakiza yicishije bugufi, agendera ku ndogobe no ku cyana cyayo.”

Igihe inteko y’abamushagaye yari igeze hejuru y’umusizi, Yesu arahagarara, n’abamushagaye na bo barahagarara, mbere yuko bamanuka ngo bajye mu murwa. Yerusalemu yari imbere yabo mu cyubahiro cyayo irabagiranishwa n’umucyo w’ikirengarenga cy’izuba. Amaso yose bayahanga urusengero, ubwiza bwawo butangaje bwashumbaga ibisigaye byose kuko rwasaga naho rwerekana mu ijuru ngo ruyobore ubwo bwoko ku Mana ihoraho kandi y’ukuri. Kuva kera cyane urwo rusengero rwari icyirakwa n’icyubahiro cy’ishyamba ry’Abisiraeli. Abaroma na bo ubwabo barataga ubwiza bwawo. Umwami washyizweho n’Abaroma yari yarafatanije imbaraga ze n’iz’abayuda kugira ngo rwongere rwubakwe kandi rurimbishwe, ndetse n’umwami w’abami w’abaroma yari yararukungahaje

kubw'impano ze. Kubwo gukomera kwarwo, ubutunzi bwarwo ndetse n'ubwiza bwarwo, urusengero rw'i Yerusalemu rwari kimwe mu bitangaza by'isi.

Nuko ubwo izuba ry'ikirengarenga ryateraga ibishashi ku izahabu, na yo ikarabagiranira mu kirere, ubwiza bwarwo burabagiranishwa n'amabuye ya marimari yari ku nkuta zarwo kandi imirasire ikava ku nkingi zasizwe izahabu. Kururebera mu mpinga z'umusozi aho Yesu n'abigishwa be bari bari rwari rufite ishusho y'inyubako nini cyane ya shelegi ifite iminara isizwe izahabu. Ku irembo ry'urusengero hari ishami ry'umuzabibu mu izahabu n'ifeza rifite ibibabi by'icyatsi kibisi n'amatunda manini yakozwe n'abanyabugeni b'abahanga. icyo kimenyetso cyagereranyaga Isiraeli nk'umuzabibu urumbuka. Izahabu, ifeza ibibabi biyumbije byari byarakoranywe ubuhanga butangaje; bisobekeranijwe neza ku nkigi z'umweru kandi zirabagirana, biziritswe ku mitako y'izahabu bikazirikwa n'imigozi irabagirana, byerekanaga ubwiza bw'izuba ry'ikirengarenga, rukarabagirana ubwiza busa n'ubuvuye mu ijuru.

Yesu yatekerezaga iyo pica yari imbere ye, kandi n'inteko nini bari kumwe, yari yatwawe n'iryo yerekwa ry'ubwiza ribatunguye niko guhagarika amajwi yabo yo gusingiza. Amaso yose bayahanga mu y'Umukiza maze aho kumubonana umunezero usanzwe ahubwo mu maso he ntiyagira ikindi bahabona uretse igihu cy'umubabaro. Barumirwa kandi bababazwa n'amarira yari yuzuye mu maso ye, umubiri we uhinda umushyitsi nk'igiti gihungabanyijwe n'inkubi y'umuyaga kandi amagambo y'umubabaro asa n'asohoka mu mutima ushenjaguritse, aturuka mu minwa ye yahindaga umushyitsi. Mbega uko abamalaika babibonaga! Kubona umutware wabo bakunda abogoza amarira y'umubabaro! Mbese inteko y'abantu bari banezerewe yabibonaga ite, yo yari iri mu kuvuza impundu z'ibyishimo izunguza amashami y'imikindo, imuganisha ku murwa w'igikundiro aho yizeraga ko agiye kwimikwa akaba umwami. Igihe Yesu yaririraga kumva ya Lazaro, amarira ye yari yatewe n'impuhwe afite kubera ubuhanya bw'abantu, noneho ariko akababaro gatunguranye ko muri ako kanya kari gatewe n'ingaruka y'indirimo y'umubabaro yari muri ya nteko iririmba nk'inesheje. Mu gihe abantu bose, bari buzuye umunezero wose bamusingiza, Umwami w'Isiraeli yabogozaga amarira atari amarira atuje y'ibyishimo, ahubwo amarira aherekajwe n'umuborogo atabashaga kwihanganira. Umubabaro

utunguranye ukwira muri iyo nteko. Ibyishimo no gusingiza birahora. Benshi bararira basangira umubabaro batashoboraga gusobanukirwa.

Ntabwo ari igitekerezo cy'imibabaro yari itegereje Yesu cyamuteye kubogoza amarira. Bugufi bwaho ngaho, imbere ye hari Getsemani, aho mu minsi mike umubabaro w'umwijima w'icuraburindi wari ugiye kuzamukikiza. Na none kandi barebaga irembo ry'intama, aho mu binyejana byinshi banyuzaga amatungo yagombaga kuba ibitambo. Iryo rembo ryari rigiye kumukingukira, we ibitambo byasuraga, akaba ari we gitambo kizima cyatambiwe ibyaha by'abari mu isi, washushanywaga n'ibyo bitambo byose. Bugufi bwaho hari i Kaluvari, aho yari agiye kubabarizwa bidatinze. Nyamara, ntabwo ari igitekerezo cy'urupfu rubabaza cyateye Umucunguzi kurira no kuboroga. Umubabaro we ntabwo wari utewe no kwikunda. Kwiyumvamo umubabaro uzamubaho sibyo byacaga intege umutima we ukiranuka wuzuwemo no kwitanga.

Icyahuranyije umutima wa Yesu, ni ukwitegereza Yerusalemu, Yerusalemu yari yaranze Umwana w'Imana maze isuzugura urukundo rwe, kandi yanga kwemezwa n'imirimo ye itangaza ndetse ikaba yiteguye no kumwica. Yitegereza icyo Yerusalemu yari ibaye cyo ubwo yiciraga urubanza kubera kwanga kwakira Umucunguzi wayo, n'icyo yari gushobora kuba cyo iyo iza kwemera kumwakira. We wenyine washoboraga komora uruguma rwayo. Yesu yari yarazanywe no kuyikiza, byashoboka bite ko yari kuyihorera ikaba uko yakabaye?

Isiraeli yari yarabaye ishyanga ryahiriwe, Imana yari yarashyize ubuturo bwayo mu rusengero rw'i Yerusalemu. Kuri uwo musozi wa Sioni, "uri ikasikazi uburebure bwawo nibwo byishimo by'isi yose."³ Urwo rusengero rwari ruhari, kandi mu myaka igihumbi irenga rwahoze ari ikintu kirindanwa urukundo rwa kibyeyi n'impuhwe bya Kristo. Abahanuzi bajyaga bahumvikanishiriza imiburo yabo ikomeye cyane. Bahazungurizaga ibyotero byuzuye amakara yaka, bikazamura umubavu mu ijuru ku Mana, ivanze n'amasengesho y'abasenga. Amaraso y'amatungo yajyaga ahatembera agereranya amaraso ya Kristo. Yehova yajyaga ahagaragariza ubwiza bwe hejuru y'intebe y'ihongerero. Abatambyi bajyaga bakoreramo imirimo yabo n'imihango y'icyubahiro yasuraga Kristo yahakozwe uko ibihe bihaye ibindi. Ariko noneho ibyo byari bigeze ku iherezo ryabyo.

Yesu arambura ukuboko, ukuboko kenshi kwari kwarahaye umugisha abarwaye n'abababaye noneho agutunga umurwa waciriweho iteka, atera hejuru n'ijwi ry'umuborogo agira ati : “uyu munsu nawe iyo umenya ibyaguhesha amahoro.” Umukiza araceceka, yirinda kuvuga uko byari kugendekera Yerusalemu iyo iza kwakira ubutabazi, Imana yifuzaga kuyiha impano y'Umwana wayo ikunda. Iyaba Yerusalemu yaramenye ibyo yari ikwiriye kumenya, iyaba yarakiriye umucyo woherejwe uvuye mu ijuru, yari kugenda ikimbagira yuzuyemo uburumbuke bwose, mbese ari umwamikazi w'amahanga, ifite ubushobozi bwose Imana yari yarayihaye. Nta basirikari bitwaje intwari bari guhagarara ku miryango yayo, cyangwa ingabo z'Abaroma zari kurira ku nkike zayo! Ahazaza h'icyubahiro hari gutera Yerusalemu kunezerwa iyo iza kwakira Umucunguzi wayo, hagaragarira Umwana w'Imana. Abona ko kubera we, Yerusalemu yari gukira ibikomere byayo bibi, igakira ububata maze igahinduka umurwa ukomeye w'isi yose. Inuma y'amahoro yari kuzajya iguruka ivuye muri Yerusalemu ikagana ku mahanga yose. Yerusalemu yari kuba ikamba ry'icyubahiro mu isi yose.

Ariko dore mu kanya iyo pica nziza irasibangana. Umukiza ahita abona noneho Yerusalemu iri munsu y'uburetwa bw'abaroma, ikaba n'ikintu kirakaza Imana, ndetse yugarijwe n'amateka y'Imana igiye kuyiciraho. Yesu akomeza amagambo ye agira ati : «Ariko noneho bihishwe amaso yawe. Kuko iminsi izaza ubwo abanzi bawe bazakubakaho uruzitiro bakakugota, bazakurinda cyane impande zose, kandi bazagutsembana n'abana bawe batuye muri wowe. Ntibazagusigira ibuye rigeretse ku rindi, kuko utamenye igihe wagenderewemo.»

Kristo yari yazanywe no gukiza Yerusalemu n'abana bayo, ariko ubwirasi bwa gifarisayo n'uburyarya n'ishyamba ndetse n'uburiganya bikoma mu nkokora umugambi we. Yesu yari azi iteka ribi rizagera kuri uyu mudugudu ubaye ikivume. Yabonaga Yerusalemu igoswe n'ingabo, abatwaga bayo bagoswe bapfa bishwe n'inzira cyangwa ababisha babo, abagore barya intumbi z'abana babo, ababyeyi n'abana bamburana utwo kurya duheruka, urukundo rwose rwashize kubera kwicwa n'inzira. Yabonaga uko kwirangira kw'abayuda kwabateye kwanga agakiza kari kubakiza gutsindwa n'ingabo zibagose. Arabukwa i Karuvali aho yari agiye kuzamanikwa, abona huzuye imisaraba myinshi ingana n'ibiti byo mu ishyamba. Abona abatwaga b'abanyabyago bicwa urubozo bakanabambwa, ingoro

zabo nziza zigasenywa, abona urusengero ruhinduka umusaka nta buye na rimwe ryo ku nkuta zarwo rigihagaze n'umudugudu warahinzwe nk'umurima. Ntacyajyaga kubuza Umukiza kuboroga abonye iyo pica iteye ubwoba ityo.

Yerusalemu yahoze ari umwana yahoraga yitaho kandi nk'uko umubyeyi mwiza ashavuzwa n'umwana w'ikirara, uko niko Yesu yaririyeye umurwa ukundwa cyane. Nashobora nte kukurekera mu kurimbuka kwawe? Mbese ngomba kukuzuriza igikombe cyawe cy'ubugome? Umuntu umwe gusa aruta amasi yose, none hano n'ishyanga ryose rijya kurimbuka. Ubwo izuba ry'ikirengarenga ryari kuba ritakigaragara mu kirere, imbabazi za Yerusalemu nazo zari kuba zigeze ku iherezo. Nuko mu gihe inteko yari imuherekeje yari ihagaze mu mpinga y'umusozi wa Elayono, Yerusalemu yari igifite amahirwe yo kwihana. Malaika w'imbabazi yiteguraga kuzinga amababa ye no kuva ku ntebe y'izahabu, agatanga umwanya akabererekera ubutabera n'amateka yari agiye gucibwa. Ariko Kristo we, ufite umutima wuje urukundo, yakomezaga gutakambira Yerusalemu nubwo yari yarasuzuguye ubuntu bwe ikirengagiza imiburo ye; kandi ikaba yari yiteguye gukaraba amaraso ye. Iyo Yerusalemu iba yarashatse gusa kwihana, byari bitaratinda cyane. Nuko mu gihe imirasire ya nyuma y'izuba rirenga, yari ikiri ku rusengero, ku munara, ku gasongero mbese icyo gihe malaika mwiza ntiyajyaga kuyigarura ku rukundo rw'Umukiza akayikiza kurimbuka? Umurwa mwiza wononekaye, wateye amabuye abahanuzi ukanga Umwana w'Imana, maze kubwo kwintangira kwawo ukihambiriza iminyururu y'uburetwa. Umunsi w'imbabazi zayo wasaga naho urangiye.

Umwuka w'Imana wari ukigerageza kuvugana na Yerusalemu. Umunsi utaraca ikibu, ubuhamya bushya butangwa kuri Kristo, buvuga iby'umuhamagaro w'igihe cyashize cy'ubuhanuzi. Niba Yerusalemu ishaka kwitaba umuhamagaro no kwakira Umukiza uyinjijemo iracyashobora kuba yakira.

Abatware bari muri Yerusalemu bamenya ko Yesu ageze hafi ashagawe n'inteko nini. Ariko ntibatekereza ibyo guha ikaze Umwana w'Imana. N'ubwoba bwinshi bagenda bamugana, biringiye gutatanya inteko imukikije. Mu gihe yamanukaga ku musozi wa Elayono, abatware babima inzira. Babaza impamvu z'uwo munezero uvanzwe n'urusaku. Ikibazo cyari iki ngo : “Uriya ni nde?” amagambo y'abigishwa buzuye umwuka wakoreshega abahanuzi basubizanya ijwi ryiza ubuhanuzi bwavugaga ibya Kristo bati :

Adamu azababwira ati : Ni uwo mu rubyaro rw’umugore uzamena umutwe w’inzoka. Nimubaze Aburahamu azababwira ati : “Ni Melikisedeki, Umwami w’i Salemu, Umwami w’amahoro⁴.

Yakobo azababwira ati: Ni umunyamahoro wo mu muryango wa Yuda.

Yesaya azababwira ati : Ni Immanueli. Igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho, Umwami w’amahoro⁵.

Yeremiya azababwira ati : ni ishami rya Dawidi « Rizitwa Uwiteka gukiranuka kwacu.⁶»

Daniel azababwira ati : Ni Mesiya.

Hoseya azababwira ati : Ni « Uwiteka Imana Nyiringabo, izina rye ryibutsa abantu ko ari Uwiteka.⁷ »

Yohana Umubatiza azababwira ati : Ni Umwana w’intama ukuraho ibyaha by’abari mu isi.⁸ » Uwiteka Yehova yicaye hejuru y’intebe ye, yabihamije agira ati : Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira .⁹»

Natwe abigishwa be, duhamije ko : Ari Yesu, Mesiya, Igikomangoma gitanga amahoro n’ubugingo, Umucunguzi w’abari mu isi. Ndetse n’Umutware w’umwijima yaramumenye, maze aravuga ati : « Nzi yuko uri Uwera w’Imana .¹⁰ »

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 21:1-11; Mariko 11:1-10; Luka 19:29-44; Yohana 12:12-19.
2. Zakariya 9 :9.
3. Zaburi 48 :2.
4. Itangiriro 14 :18.
5. Yesaya 7 :14; 9 :6.
6. Yeremiya 23 :6.
7. Hoseya 12 :6.
8. Yohana 1 :29.
9. Matayo 3 :17.
10. Mariko 1:24.

*** **

64. ISHYANGA RYACIRIWEHO ITEKA



Kwinjira kwa Kristo muri Yerusalemu nk'umuneshi, kugereranya buhoro ukugaruka kwe aziye ku bicu byo mu ijuru afite imbaraga n'icyubahiro, ashagawe n'abamalayika banesheje n'abera buzuwemo n'ibyishimo¹. Icyo gihe nicyo cyerekeranye n'amagambo Kristo yabwiye abatambyi n'abafarisayo igihe yagiraga ati : «ndababwira ukuri yuko mutazambona uhereye none ukageza ubwo muzavuga muti : Hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka.²» Uwo muni wo kunesha guheruka wahishuriwe Zakariya mu iyerekwa rya gihanuzi. Kimwe no gucirwaho iteka kwabaye

igihe Kristo yazaga mbere maze arabwirwa ngo : «Bazitegereza njyewe uwo bacumise bazamuborogera nk'uko umuntu aborogera umwana we w'ikinege, bazamuririra baboroga nk'uko umuntu agirira umwana w'imfura ishavu.³» Iyo pica igaragarira Yesu ubwo yitegerezaga umurwa akawuririra.

Arebeye mu matongo ya Yerusalemu by'akanya gato abona ukurimbuka guheruka kw'iri shyanga ryemeye kwishyiraho amaraso y'Umwana w'Imana.

Abigishwa bibonera urwango abayuda bari bafitiye Kristo, ariko batabona aho ibyo byerekeza. Bari batarasobanukirwa neza imiterere nyakuri ya Isiraeli kandi ntabwo bari bakamenya ishyano rizagwira Yerusalemu iryo ari ryo.

Yesu abibigisha mu isomo risobanutse neza. Yari yaruhijwe n'ubusa yumvisha Yerusalemu irarika riheruka. Abatambyi n'abakuru bari bumvise inteko yikiranya mu ijwi ry'ubuhanuzi bwari bwaravuzwe mbere basubiza ikibazo ngo : «Uriya ninde?» Nyamara ntibamenye ijwi ry'Umwuka weru. Barakaye kandi bumiwe, bagerageza gucecekesha iyo nteko. Abasirikari bakuru b'abaroma bari bari aho baregerwa ko Yesu ari we nyirabayazana w'ubwigomeke. Babumvisha ko agiye kwigarurira urusengero ku ngufu maze akiyimika i Yerusalemu akaba Umwami.

N'ijwi rituje Yesu acecekesha inteko yasakuzaga cyane, maze yongera kuvuga ko umugambi we, atari uwo gushyiraho ubwami bw'isi, ahubwo agiye kuzamuka akajya kwa se, maze abarezi be ntibabe bakimurora kugeza ubwo azagaruka mu cyubahiro. icyo gihe nibwo bazamumenya , ariko bizaba byatinze. Yesu avuga aya magambo ababaye kandi ayatsindagira mu buryo bw'umwihariko. Abasirikari bakuru b'abaroma bemejwe, barahora. Nubwo batari bazi imbaraga y'Imana, imitima yabo yari inezerewe kuruta uko yigeze kunezerwa. Mu maso hatuje ha Yesu basomamo urukundo, ubugiraneza n'icyubahiro cy'amahoro. Bamugirira urukundo batazi ikiruteye, maze bumva biteguye guha icyubahiro Yesu mu cyimbo cyo kumufata. Mu guhindukirira abatambyi n'abanditsi, babarega ko ari bo ba nyirabayazana b'imyivumbagatanyo. Abo batware n'umujinya mwinshi bananirwa kwiyumanganya niko gutangira kwivovotera rubanda kandi hagati muri bo bagira impaka nyinshi.

Bakiri muri ibyo, Yesu agera mu rusengero ari ntawe ubibonye. Aho ho hari hatuje kuko rubanda rwose rwari rwahururiye ku musozi wa Elayono. Yesu amara umwanya muto hafi y'urusengero arwitegerezanya agahinda kenshi. Hanyuma ariyufura we n'abigishwa be bajya i Betaniya. Igihe baje kumushaka ngo bamwimike baramubura.

Yesu akesha ijoro asenga, mu gitondo agaruka mu rusengero. Ari mu nzira anyura mu murima w'imbutu. Ashonje arabukwa kure umutini uyumbije ajya kureba ko yawubonaho imbuto. Arawegera ariko «ntiyagira icyo abona keretse ibibabi, kuko kitari igihe cyo kwera k'umutini.»

Ntabwo cyari igihe cyo kwera kw'imitini, keretse mu birorero bimwe na bimwe; no mu mataba magari akikije Yerusalemu; umuntu yashoboraga kuvuga ko « atari igihe cyo kwera kw'imitini .» Ariko mu murima Yesu yari agiyemo harimo umutini wagaragaraga ko uruta iyindi ubukuru kandi dore wari uyumbije. Birazwi ko ku giti cy'umutini imbuto zibanziriza ibibabi. icyo giti cyagaragaraga ko cyamaze kugira imbuto. Nyamara uko cyagaragaraga siko cyari kiri. Yesu ashakashatse mu mashami yacyo guhera ku yo hasi ukageza mu bushorishori bw'igiti nta kindi yabonye kitari amababi gusa. Cyari kiyumbije amababi y'ubwibone gusa nta kindi.

Kristo arakivuma ati : «Umuntu ntakarye ku mbuto zawe ukundi iteka ryose.» Bukeye bwaho bagenda, Umukiza yongera kunyura aho hantu ari kumwe n'abigishwa be, bagana mu murwa, amababi yacyo yumye arangaza abigishwa be. Petero aramubwira ati : «Mwigisha dore wa mutini wavumye wumye.»

Abigishwa batangajwe no kubona Yesu avuma umutini. Ibyo ntabwo byari bihujye n'imyifatire ye isanzwe. Bahoraga bamwumva avuga ko atazanywe no guciraho iteka abari mu isi, ahubwo yazanywe no kubakiza; nuko bibuka aya magambo ngo : «Kuko Umwana w'umuntu atazanywe no kurimbura abantu, ahubwo yaje kubakiza.⁴» Imirimo ye y'igitangaza yabereyeho kwegura, ntabwo ari ukurimbura. Abigishwa bari baramubonye ari Umuvuzi usubiza intege mu bugingo. Bibazaga umugambi w'icyo gikorwa cyihariye.

Imana «ikunda imbabazi.» Uwiteka aravuga ati : «Ndirahiye sinezezwa n'uko umunyabyaha yapfa ; ahubwo nezezwa n'uko umunyabyaha ahindukira akava mu nzira ye maze akabaho.⁵» Umurimo wo gutsembaho no guciraho iteka kuri Yesu ni umurimo w'inzaduka⁶. Ariko yeyurana impuhwe n'urukundo inyegamo ikingirije ahazaza kugira ngo ahishurire abantu ingaruka z'ubugingo bukora icyaha.

Umuvumo w'uyu mutini, wari umugani ushyizwe mu bikorwa. Icyo giti cy'ingumba cyari gifite amababi y'ubwirasi kigasa naho gisuzuguye Kristo, cyagereranyaga ishyanga ry'abayuda. Umukiza yifuzaga kumenyesha abigishwa be impamvu z'urubanza rwa Isiraeli kandi ko itazashobora kururokoka. Ni cyo cyatumye agaragaza iki giti nk'igifite ubwenge, maze agikoresha kugira ngo ashyire ahabona ukuri kw'Imana. Abayuda mu kwigisha ko ari indahemuka ku Mana, bitandukanyaga n'andi mahanga yose. Bari barahawe n'Imana ubuntu bw'umwihariko bigatuma bibwira ko gukiranuka kwabo kuruta ukw'andi mahanga. Nubwo bari barandujwe no gukunda iby'isi kwabo no gukunda inyungu, birataga ubuhanga bwabo maze kuko bari buzuwemo n'uburyarya, byatumaga batamenya amategeko nyakuri y'Imana. Bameze nk'igiti cy'ingumba barataga amashami yabo y'ubwibone afite ubwiza bwinshi kandi meza nyamara nta kindi yera uretse ibibabi. Idini y'abayuda n'urusengero rwabo rw'agatangaza n'ibicaniro byabo byera, abatambyi bafite amakamba n'imihango y'agatangaza, byari umurimo ugaragara neza rwose, ariko ubuze ukwicisha bugufi, urukundo ndetse no kugira neza.

Imitini yose yo mu murima ntabwo yari ifite imbuto, nyamara ibiti bitari bifite amababi nta cyifuzo byari biteye cyangwa kugawa. Ibyo biti byagereranyaga rwose abapagane. Nta gukiranuka bari bafite n'abayuda na bo ni uko, ariko bo nta nubwo bigishaga ko bakorera Imana. Ntibarataga kugira neza kwabo. Ntibari bazi ibikorwa n'inzira by'Imana. Kuri bo igihe cyo kwera kw'imitini cyari kitaragera. Bari bagitegereje umunsi uzabazanira umucyo n'ibyiringiro. Nyamara abayuda bo kuko bari barahawe n'Imana imigisha myinshi bagombaga kubazwa uburyo bubi bakoreshejemo izo mpano. Umwihariko biratanaga wari uwo kubongerera igicumuro cyabo gusa.

Yesu agize inzara yegera umutini ngo awurebeho icyo kurya. Na none yifuje imbuto zo gukiranuka, yari yaregereye Isiraeli maze akwiza abayuda impano kugira ngo bere imbuto zizabera isi umugisha. Ku nyiturano z'ibyo yari yarabagiriye, abasaba urukundo rwabo no gufatanya na we mu murimo w'ubuntu bwe. Yifuzaga kubabonamo, umutima w'impuhwe n'urukundo no kugira ishyaka ry'Imana n'umwete mwinshi wo gukora kugira ngo bagenzi babo bazabone agakiza. Mu kwitondera amategeko y'Imana, bari kuba basohoje umurimo wo kutihugiraho nka Kristo. Ariko igiteye agahinda ni uko ubwirasi bwabasabye mu mitima bukababwaza kugirira urukundo Imana na bagenzi babo. Mu kwanga kwitangira abandi ntibabagezeho ubutunzi bw'ukuri Imana yari yababikije, bagenda bagana ku kurimbuka kwabo. Noneho rero ku mutini warumbye bagombaga kuwubonamo ipica y'ibyaha byabo bwite n'iteka bazacirwaho. Waragwingiye, imizi yarumye, kandi wumishijwe n'umuvumo w'Umukiza, uwo mutini wagaragazaga uko bizagendekera ishyanga ry'abayuda igihe imbabazi z'Imana zizaba zaryikubuyeho. Kubera ko banze gukwirakwiza imigisha na bo ntabwo bari kuzakomeza kuyihabwa. «Isiraeli we icyo ni cyo kikirimbujye.⁷»

Uyu muburo ni uw'ibihe byose. Mu kuvuma umutini yiremeye n'imbaraga ze bwite, Kristo yari aburiye amatorero yose n'abakristo bose. Nta muntu n'umwe washobora kwitondera amategeko y'Imana atemeye gukorera abandi. Benshi ntabwo bemera kugira imibereho y'imbabazi kandi yitanga nk'iya Kristo. Mu kwiyumvamo ko ari abakristo b'ibyatwa ntabwo bamenye imiterere y'umurimo w'Imana. Bishakiraga umunezero wabo bwite, kandi bagakorana n'inarinje gusa. Mu maso yabo igihe kigira agaciro gusa ari uko bagikoresheje ngo barundanye

inyungu zabo. Aho ni ho bahora bahugiye. Ntabwo bitangira gukorera abandi ahubwo ni bo ubwabo biyitagaho. Imana yabaremeye gukora umurimo wo kwitanga utikanyiza kugira ngo bafashe bagenzi babo mu buryo bwose bushoboka, ariko inarinjye yabo itagira aho igarukira niyo yamaze umwete wabo wose, ntibashobora kwegerana n'abandi bantu. Ababaho mu buryo bumeze butyo bahwanye n'umutini wirata ko uhunze amababi menshi ariko udafite imbuto. Bubaha uburyo bwose bwo gusenga ariko ntibihana kandi nta kwizera bafite. Bavuga ko bubaha amategeko y'Imana, ariko kuyitondera ntabwo bagira. Ibyo bavuga sibyo bakora. Kubw'iteka ryaciriwe uwo mutini, Kristo yagaragaje uburyo imyirato mibi mu maso ye ari ikintu yanga urunuka. Mu maso ya Kristo, umunyabyaha ruharwa afite icyaha gito kuruta umuntu wigisha ko akorera Imana ariko ntiyere imbuto n'imwe yo guhesha Imana icyubahiro.

Umugani w'undi mutini warumbye watanze mbere yuko Kristo asura Yerusalemu, ufutanye isano n'isomo ryigishijwe ku muvumo wavuzwe ku mutini wari ufite amababi ntugire imbuto. Umuhinzi yasabiye icyo giti cy'ingumba agira ati : «Data buja wureke uyu mwaka nawo nywuhingire, nywufumbire ahari hanyuma wakwera imbuto, icyakora nutera uzawuce.⁸» Igiti kitera imbuto cyari kigiye kwitabwaho cyane. Nta cyiza na kimwe cyagombaga kwimwa. Ariko nigikomeza kuba ingumba nticyere imbuto, nta cyajyaga kugikiza kurimbuka. Umugani ntabwo wagaragazaga ingaruka z'umwete w'umuhinzi. Byose byaterwaga n'abo Kristo abwira ayo magambo. Abo yabwiraga ni bo bagereranywaga n'umutini warumbye; ni ibyabo gufata icyemezo cy'iherezaho ryabo. Ijuru ryabahaye imigisha yose bari bakwiriye kubona, ariko muri uwo mudamararo w'imigisha ntacyo byabamariye. Igikorwa cyateye Kristo kuvuma umutini utareraga ni cyo cyagaragaje ingaruka. Ni bo birimbuje ubwabo.

Mu gihe gisaga imyaka igihumbi ishyanga ry'abayuda ripfusha ubusa ubuntu bw'Imana, bakanga imiburo y'Imana ndetse bakica n'abahanuzi, bari bihamagariye amateka akaze y'ubutabera bw'Imana. Abo mu gihe cya Kristo bishyizeho umutwaro w'ibyo bicumuro bya bo bagenza nka ba sekuruza. Igicumuro cyabo muri icyo gihe cyababohesheje iminyururu iryo shyanga ryari ryaracuze mu myaka myinshi yahise.

Ku muntu wese, hari umunsi umubera mwiza ubwo umucyo umurikira inzira ye, hakabaho igihe cy'imbabazi, agashobora kwiyunga n'Imana. Ariko ubwo buntu bufite iherezaho; imbabazi zizakomeza gutakamba kugeza igihe kirekire nubwo

zizaba zititaweho ndetse zanzwe, ariko igihe kirageze ngo zumvikanishe buheruka irarika ryazo. Umutima urinangira ku buryo ureka gukomeza kumvira Umwuka w’Imana. Nuko iryo jwi ryongorera kandi rirarika, rireka gukomeza kwinginga umunyabyaha, maze imiburo no gucyaha ntibibe bicyumvikana.

Icyo gihe ni cyo cyari cyamaze kugera kuri Yerusalemu. Yesu aririra uwo murwa waciriweho iteka kuko atari agishoboye kuwukiza. Uburyo bwose bwo kuwukiza bwari bwashize. Mu kutita ku miburo y’umwuka w’Imana Isiraeli yari imaze kwanga uburyo bumwe rukumbi bw’agakiza. Nta mbaraga yindi isigaye yabasha kuyirokora.

Ishyamba ry’abayuda rigereranya abantu bo mu bihe byose birengagiza umuhamagaro w’urukundo rutagira akagero. Mu gutekereza ibyaha byo mu bihe byose ni cyo cyateye Kristo kuririra Yerusalemu. Abantu basuzugura gucyahwa, n’umuhamagaro w’Umwuka wera w’Imana bashobora kwisomera iteka ryabo ku rubanza rwaciriwe Isiraeli.

Ni benshi cyane bo mu gihe cyacu b’abahamya b’ukwigaragaza k’ubushobozi bw’Imana, bakomeza kugera ikirenge mu cy’abayuda batizera. Umwuka wera yavuganye n’imitima yabo nyamara bigundirira kwangira kwabo, ntibifuza kwicuza amafuti yabo; banga ubutumwa ndetse n’ababatumweho. Uburyo Imana ikoresha kugira ngo ibegure bubahindukira ibuye risitaza.

Abahanuzi b’Imana bashyiraga ahabona ibyaha byahishwe bangwaga urunuka na Isiraeli yimuye Imana. Umwami Ahabu yabonaga Eliya nk’umwanzi we kuko uwo muhanuzi yacyahaga ibyaha bye akorera mu rwihererero. N’ubu nabwo, niko bigendekera umukozi wa Kristo ucyaha ibyaha, yikururira gukubwa no gusuzugurwa. Ukuri kwa Bibiliya, idini ya Kristo bigomba guhangana n’imyigishirize yononekaye. Muri iki gihe ibyo umuntu yibwira bifite imbaraga nyinshi mu mutima nk’uko byari biri mu gihe cya Kristo. Ntabwo Yesu yemereye abantu ko bagomba kuzuyaza; imibereho ye yaciragaho iteka ibyaha byabo, ni yo mpamvu bamwanze. Mu bihe byacu, ukuri kw’Ijambo ry’Imana ntabwo guhuza n’imikorere n’imigenzereze ya kamere y’abantu : ibihumbi byinshi byanga umucyo waryo. Abantu bayobowe na satani bashidikanya ku Ijambo ry’Imana maze bakihitiramo gukora uko babyumva ubwabo mu buryo nta kibaziga. Bihitiramo

umwijima kuwurutisha umucyo nubwo byarimbura ubugingo bwabo. Abakerensaga amagambo ya Kristo, barushijeho kugenda babona izindi mpamvu zibatera kujya impaka, kandi iherezo barayobye babura ukuri n'ubugingo. N'uyu munsu niko bimeze. Imana ntabwo yakuyeho ibintu byose byatera umutima wa kamere gushidikanya no kurwanya ukuri. Ubwiru bw'ijambo ry'Imana buzahora buhishwe amaso y'abirengagiza imirasire y'umucyo w'agatangaza yajyaga gutamurura umwijima. Bagenda nk'impumyi kuko badashobora kurabukwa ukurimbuka kubarindiriye.


Yesu ari mu mpinga y'umusozi wa Elayono, yitegereje isi yose uko ibihe byagiye bisimburana. Amagambo ye abwira umutima wose utita ku muhamagaro w'ubuntu bw'Imana. Uyu munsu mwebwe abasuzugura urukundo rwe, nimwe abwira. Namwe mwagombye kumenya ibintu byabahesha amahoro. Kristo arabogozza amarira menshi kubera mwebwe mwanga kwiririra. Ndetse muri mwebwe hamaze kugaragara akaga ko kwinangira ko mu mutima byazaniye abafarisayo kurimbuka. Kugaragara kw'ubuntu bw'Imana kose, buri murasire w'umucyo w'Imana wose, ni ngombwa ko bigira ingaruka; bibasha gutera umutima kwihana no kwicuza cyangwa se bikawutera guhamya kwanga kwihana bizawurimbuza by'iteka ryose.

Kristo yabonaga ko Yerusalemu izakomeza kwinangira no kutihana, nyamara ingaruka zose zo kwanga imbabazi z'Imana zari zitegerereje ku rugi. Niko bizagendekera umutima wose unyura mu nzira nk'iyi. Uwitwaga aravugaga ati : «Isiraili we uririmbuje kuko wangomeye.» «Umva wa si we dore ngiye kuzanira aba bantu ibyago ni byo mbuto z'ibyho bajyaga bibwira kuko batumviye amagambo yanyje n'amategeko yanyje bakaba barayanze.⁹»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 21:17-19; Mariko 11:11-14,20,21.
2. Matayo 23 :39.
3. Zekariya 12 :10.
4. Luka 9 :56.
5. Miika 7:18; Ezezieli 33:11.
6. Yesaya 28:21.
7. Hoseya 13:9.
8. Luka 13:8,9.
9. Yereziya 6:19.

*** **

65. URUSENGERO RWONGERA KWEZWA



Mu itangira ry'umurimo we, Yesu yirukanye mu rusengero abarwandurishaga ubucuruzi; igitsure cye gikomeye cy'ubumana cyateye imitima y'abacuruzi b'indyarya ubwoba. Ku iherezo ry'umurimo we, Yesu agaruka mu rusengero maze asanga rwarongeye kwanduzwa nk'ubwa mbere¹. Ndetse byari byarakabije cyane; mu gikari cy'inyuma cy'urusengero cyari cyarahindutse nk'urwuri rw'amatungo. Urusaku rw'amatungo no kujegera kw'ibiceri, byavangaga n'urusaku rw'inteko y'abantu barakaye, ntabwo bari abaguzi gusa, ahubwo rimwe na rimwe muri bo habaga harimo bamwe mu bashinzwe umurimo wera. Abayobozi bakuru b'urusengero na bo ubwabo bahugiraga mu kugura, kugurisha no

kuvunja amafaranga. Mu maso y'Imana, ntacyo barushaga ibisambo, kuko muri bo inyota y'ubutunzi yari nyinshi cyane.

Byari biri kure y'abatambyi n'abakuru gusobanukirwa n'ugukomera k'umurimo bari barashinzwe kurangiza. Kuri buri Pasika no kuri buri muni mukuru w'ingando, bicaga ibihumbi byinshi by'amatungo, maze ayo maraso abatambyi bakayafata bakayanyanyagiza ku gicaniro. Kubera kumenyera amaraso y'ibitambo, abayuda basaga naho bata kibona ko igituma ayo maraso y'itungo ameneka ari ukubera icyaha. Ntabwo babonagamo ikimenyesto cy'amaraso y'Umwana w'Imana, yagombaga kumeneka kubera ubugingo bw'abatuye isi; kandi ntabwo bari bakibona ko umugambi w'ibyo bitambo ari uwo kuzana abantu ku Mucunguzi wabambwe.

Yesu aterera akajisho kuri izo nyamaswa zirengana zagenewe gutambwa

maze abona ko iyo minsi mikuru Abayuda bayihinduye ibintu by'ubwicanyi ndetse n'ubugome. Mu cyimbo cyo kugira ngo bagaragaze kwicuza nyakuri kubera ibicumuro byabo, bari baragwiye ibitambo by'amatungo, nkaho Imana ishobora guhimbarishwa gusenga imitima idahari. Abatambyi n'abatware bari baranangiye imitima yabo kubera inarijye n'ubugugu. Ibimenyetso byasuraga Umwana w'intama w'Imana, mu biganza byabo byari byarahindutse uburyo bwo kwikungahaza; imiterere yera y'umurimo w'ubutambyi yari yarahanaguritse mu maso ya rubanda ku buryo bukomeye. Ibyo byateye agahinda kenshi Umwami Yesu, yari azi ko bidatinze amaraso ye yari agiye kumeneka kubera abatuye isi, kandi ko na yo atazemerwa n'abatambyi n'abakuru nk'uko batemeye ay'ibitambo babonaga ahora ameneka buri gihe.

Kristo yarwanije iby'uko kwibeshya abivugiyeye mu kanwa k'umuhanuzi Samweli ngo : “Mbese Uwiteka yishimira ibitambo byoswa n'ibindi bitambo kuruta uko yakwishimira umwumviye? Erega kumvira kuruta ibitambo, kandi kwitonda kukuruta ibinure by'amasekurume y'intama”. Yesaya na we, hari aho yavuze amaze kurabukwa ubuhakanyi bw'abayuda mu iyerekwa rya gihanuzi, yarababwiye ati : “Nimwumve Ijambo ry'Uwiteka, mwa batware b'i Sodomu mwe, mutege amatwi mwumve amategeko y'Imana yacu, mwa bantu b'i Gomora mwe! Ibitambo byanyu bitagira ingano muntambira bimaze iki? Niko Uwiteka abaza. Mpaze ibitambo by'amasekurume y'intama byoswa n'urugimbu rw'amatungo abyibushye. Kandi sinishimira amaraso y'inka n'ay'abana b'intama cyangwa ay'amasekurume y'ihene. Iyo muza kunshengerera, ni nde uba wababwiye ko muza kundibatira urugo? Nimwiyuhagire mwiboneze! Mukureho ibyaha byo mu mirimo yanyu bive imbere yanjye; mwigie gukora neza, mushake imanza zitabera, murenganure abarengana, mucire imfumbyi urubanza, muburanire abapfakazi.”

Uwari waratanze ubu buhanuzi kera, ni we wongeye gutanga uyu muburo ubuheruka. Nk'uko ubuhanuzi bwari buri, rubanda rwari rwahamije ko Yesu ari Umwami wa Israeli. Kristo yari yemeye ibyubahiro bamuhaye, kandi yemera no kwitwa Umwami. Noneho rero yagombaga gukora nka we. Yari azi ko azavunikira ubusa azana ubugorizi ku butambyi bwamaze kononekara; nyamara, yagombaga gusohozza umurimo we; yagombaga kwereka ubwo bwoko bw'intumva umurimo we w'ubumana.

Na none kandi, n'indoro ye icengera, yongera kuraranganya amaso mu gikari cyanduye cy'urusengero. Bose bamuhanga amaso. Abatambyi n'abakuru, abafarisayo n'abapagani, bose bamwitegereza bamutangarira kandi bafite ubwoba, batinya uwari uhagaze imbere yabo, mu cyubahiro cye cyose cy'Umwami wo mu ijuru. Ubumana bwarabagiranaga mu bumuntu bwe, bigaha Kristo ubushobozi n'icyubahiro atari yarigeze agaragaza na rimwe. Abari bamwegereye banyura mu bantu bamuhunga uko bashoboye. Umukiza asigara wenyine ari kumwe na bamwe mu bigishwa be. Habaho ituzi ryinshi, ituzi ritangaje. N'imbaraga ikomeye yahungabanyije inteko y'abantu, imeze nk'inkubi y'umuyaga ukaze, Kristo aravugaga ati: "Byanditswe ngo : inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo. Ariko mwebwe mwayihinduye isenga y'abambuzi." Ijwi rye ryumvikana mu rusengero rimeze nk'impanda. Umubabaro wagaragaraga mu maso he bituma hasa n'umuriro ukongora. Nuko ategukana ubutware ati :
 "Nimukureho bino."³

Mbere y'imyaka itatu ishize, abatware b'urusengero bari baramwaye igihe bari bahungishijwe n'itegeko rya Yesu. Guhera ubwo, batekerezeza batangajwe n'uburyo bagize ubwoba n'ukuntu bamwumviye nta kumurwanya, kandi ari umuntu umwe, umuntu woroheje. Noneho biyemeza ko bitari bwongere. Nyamara muri icyo gihe ubwoba bwabo bwarushijeho kwiyongera, bihutira kubahiriza itegeko bari bamaze guhabwa. Nta n'umwe watinyutse kurwanya ubutware bwa Kristo. Abatambyi n'abacuruzi bahunga mu maso he bajyana n'amatungo yabo. Mu kuva ku rusengero, bahura n'abantu benshi bazanye abarwayi, kuko bari bari gushakashaka Umuganga mukuru. Ngo bumve ibyabaye, bamwe muri bo barakimirana, batinya guhagarara imbere y'Umutware ukomeye wari ushoboye kwirukanisha abatambyi n'abakuru igitsure cye gusa. Abandi benshi bumvaga batinze kwegera Uwari ibyiringiro byabo rukumbi, bashakira inzira muri abo bahunga. Benshi basigaye inyuma mu gihe icyo nteko nini yasohokaga mu rusengero, bifatanyaga n'abo bari bahageze; ibikari by'urusengero byongera kuzurwamo n'abarwayi n'indembe maze Yesu abitaho.

Nyamara hashize umwanya muto, abatambyi n'abakuru baratinyuka maze basubira mu rusengero. Iyo nkubi irangiye bari basigaranye igishyika cyo kumenya icyo Yesu agiye gukora. Bari bategereje kumubona yigarurira ingoma y'ubwami ya

sekuruza Dawidi. Ngo binjire bomboka bumva amajwi y’abagabo, ay’abagore n’ay’abana bahimbaza Imana, nuko batangazwa n’ipica babonye imbere y’amaso yabo. Babona abarwayi bakize, impumyi zahumutse, ibipfamatwi byumva, n’abari ibirema basimbukana umunezero. Abana bari banezerewe n’ibyishimo bitangaje. Yesu yari yamaze kubakiza uburwayi bwabo, yari yabateruye mu maboko ye, yari yakiriye ishimwe ryabo ry’urukundo bamushima, ndetse bamwe muri bo bari basinziriye mu gituza cye, mu gihe yariho yigisha abantu. Noneho bari bari guhimbaza ishimwe rye n’utujwi twabo duto. Basubiraga muri za Hozana z’ejo hari hashize, bazunguza amashami y’imikindo imbere y’Umukiza. Urusengero rwirangiraga amajwi yabo yungikanyaga adatuza ngo : “Hahirwa uje mu izina ry’Uwiteka!” “Dore Umwami wawe araje, aje aho uri; kandi azanye agakiza; ni we mukirantsi!” “Hozana mwene Dawidi!”⁴

Indirimbo y’ayo majwi yari anezerewe kandi atagira ikiyaziga, ku batware b’urusengero yari ikigusha, kuko bifuzaga kuyacekesha bashaka guhamiriza rubanda ko inzu y’Imana yahumanijwe n’ibirenge by’abo bana n’urwo rusaku rw’ibyishimo. Babonye ko rubanda rutitaye ku magambo yabo, abo batware niko kubwira Kristo bati : “Aho urumva ibyo aba bantu bavuga?”

Yesu arabasubiza ati : Yee, Ntimwari mwasoma ngo : mu kanwa k’abana bato n’abonka wabonyemo ishimwe ritagira inenge?” Ubuhanuzi bwari bwaravuze ko Kristo agomba gutangazwa ko ari Umwami; bwagombaga gusohora. Abatambyi n’abakuru ba Isiraeli banze kugaragaza icyubahiro cye, Imana yahagurukije abana bato kugira ngo bamubere abahamya. N’iyo ayo majwi y’abana bato aza guceceka inkingi zo mu rusengero ubwazo zari kumvikanisha amajwi yazo zihimbaza Umukiza.

Abafarisayo babona ntacyo bashobora gukora na mba. Kuko Udashobora guterwa ubwoba ari we wari ubiyoboye. Yesu yari ahagaze mu byimbo nk’umurinzi w’urusengero. Nta bundi mbere hose yari yaragaragaje ubutware bwa cyami bumeze butyo. Nta n’ubundi kandi amagambo ye n’imirimo ye byari byarigeze byambara ubushobozi bukomaye butyo. Nta gushidikanya yari yarakoze imirimo itangaza muri Yerusalemu yose, ariko nta na rimwe yari yakabikorana imbaraga no mu buryo butangaje nk’ubwo. Abatambyi n’abakuru ntabwo batinyutse kumugaragariza urwango bamufitiye imbere y’iyo nteko yari imaze kwibonera imirimo ye itangaza. Nubwo bari basajijwe n’uburakari kandi bababajwe n’igisubizo cya Kristo, ntibagira ikindi kintu bakora kuri uwo muni.

Bukeye mu gitondo inama nkuru y'Abayuda yongera guterana yiga ibya Yesu. Mbere y'imyaka itatu ishize, bari bamusabye ibimenyetso by'uko ari Mesiya. Guhera ubwo, mu gihugu hose yari yarakijije abarwayi, ahaza ibihumbi byinshi by'abantu mu buryo bw'igitangaza, agenda hejuru y'imiraba y'inyanja, ndetse anaturisha inyanja yazikutse. Incuro nyinshi yasomaga mu mitima nk'usoma mu gitabo kibumbuwe, yirukanaga abadaimoni akanazura abapfuye. Abatware bari barabonye ibimenyetso by'uko ari Mesiya. Nicyo cyatumye biyemeza kutamusaba ikindi kimenyetso, ahubwo bamusaba kugira icyo avuga cyangwa yemera cyabafasha kumuciraho iteka.

Baza mu rusengero aho yigishirizaga, baramubaza bati : “Ufite butware ki bugutera gukora ibyo, kandi ni nde wabuguhaye?” Bari biteze ko ababwira ko ubutware bwe buva ku Mana. Iyo bigenda bityo bari biyemeje kurwanya ibyo ahamije, maze Yesu abasubirisha ikindi kibazo gisa naho ntaho gihuriye n'ibyo abajijwe, maze ababwira ko ari bubasobanurire bamaze kumuha igisubizo cy'ikibazo cye. Yesu arababaza ati : “Umubatizo wa Yohana wavuye he, ni mu ijuru cyangwa ni mu bantu?” Abatambyi babona bafashwe n'umutego ku buryo nta mayeri yashoboraga kuwubavanamo. Iyo baza kwemera ko umubatizo wa Yohana waturutse mu ijuru, bari kuba bagaragaje ukwicziraho iteka. Kuko Kristo yari kubabwira ati : none se kuki mutamwizeye? Kandi rero Yohana yari yarahamije ibya Kristo agira ati : «Nguyu Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi.» Na none kandi iyo abatambyi bemera ubuhamya bwa Yohana, byari gushoboka bite ko bahakana ko Yesu ari Mesiya ? Na none kandi iyo baza kuvuga ko umurimo wa Yohana wavuye mu bantu bari kuba bahagurukije inkubi y'uburakari, kuko rubanda rwose rwizeraga ko Yohana yari umuhanuzi.

Inteko y'abantu yari itegerezanyije amatsiko menshi icyo bemeje. Bari bazi ko abatambyi bigishaga ko bemera umurimo wa Yohana kandi bakekaga ko baza kwemera nta gushidikanya ko yari intumwa y'Imana. Ariko abatambyi bamaze kuvuganira mu rwiherero, bafata umwanzuro wo kutivuguruza. Bazana urwitwazo rurimo uburiganya bavuga ko batabizi, barasubiza bati : “Ntitubizi.” Yesu nawe arababwira ati : “Nuko rero nanjye simbabwira ubutware buntera gukora ibyo.”

Abanditsi, abatambyi n'abakuru bari bamaze gucecekesha. Batahuwe kandi bamwaye, bahagarara bubitse imitwe, ntibatinyuka kumubaza ibindi bibazo. Intege nke no kudafata ibyemezo kwabo, ahanini byari byaratumye rubanda rubakuraho icyizere, noneho ubu rwari ruhagaze aho rushimishijwe n'ugutsindwa kw'abo bagabo b'abirasi biyitaga intungane.

Ibyo bikorwa byose n'ayo magambo ya Kristo byari bifite agaciro kabyo, kandi byagombaga gukuzza amajyambere, nyuma yo kubambwa no kuzamurwa mu ijuru kwe. Abenshi mu bari bategereje, bafitiye ubwira ingaruka y'ikibazo cya Yesu, bari bagiye guhinduka hanyuma abigishwa be, bakuruwe cyane cyane n'amagambo biyumviye urya munsu w'igitangaza. Ibyari byabereye mu bikari by'urusengero ntibyajyaga guhanagurika mu bwenge bwabo na rimwe. Biboneye mu kiganiro cyabo itandukanirwo rikomeye ryari hagati ya Yesu n'umutambyi mukuru. Umutware mukuru w'urusengero w'umwirasi, yari yambaye imyambaro ihenze y'igiciro cyinshi, kandi ku mutwe we yari yambaye ikamba rirabagirana.

Igihagararo cy'icyubahiro kigaragazwa n'imisatsi ishashagirana n'ubwanwa bwe burebure, byateraga igitinyiro. Imbere y'uwo muntu wagizwe rutinywa hari hahagaze Igikomangoma cy'ijuru, kitambaye imyambaro y'umurimbo cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi. Imyambaro ye yagaragazaga ibimenyetso by'urugendo; mu maso he heruruka hagaragazaga umubababaro n'agahinda, agaragaza icyubahiro n'ubugwaneza bikaba ari byo byazanaga itandukanirwo rinini cyane hagati ye n'umutambyi mukuru wagaragazaga ubwirasi n'ubukana bwinshi. Benshi mu bahamya b'ibyo Yesu yavuze n'ibyo yakoze bari aho mu rusengero, babitse mu mitima yabo igihamya nyakuri cy'uko Yesu ari Umuhanuzi w'Imana. Mu kwibonera uburyo rubanda rwose bamukundaga, urwango rw'abatambyi ruriyongera. Uburyo yakoresheje ubwenge ngo aye mu mitego yabo, byazanaga ikindi gihamya cy'ubumana bwe, byongeraga uburakari bwabo.

Mu kujya impaka n'abigishamategako, umugambi wa Kristo ntabwo wari uwo gukoza isoni abanzi be; ntabwo yajyaga kunezezwa no kumwara kwabo; gusa yashakaga gutanga inyigisho ikomeye no gucecekesha abanzi be maze akabafatira mu mutego bari bateze intambwe ze. Kutamenya ibyerekeranye n'umubatizwa wa Yohana biyemereraga, byamuhaye akanya ko kuvuga, maze aboneraho kubereka imiterere yabo nyakuri kandi kugira ngo abongere umuburo mushya ku byo yari yarabagejejeho.

Niko kubabwira ati : “Ariko ibi mubitekereza mute? Habayeho umuntu wari ufite abana babiri; asanga umukuru, aramubwira ati : mwana wanjye genda uhingire uruzabibu rwanjye. Nawe aramusubiza ati : Databuja ngiye yo; ariko ntiyajyayo. Se asanga uwa kabiri nawe amubwira atyo; uwo we aramusubiza, ati : ndanze Databuja; ariko aricunyuza maze ajyayo. Muri abo bombi ni nde wakoze icyo se ashaka?”

Iki kibazo kitari cyitezwe gitungura abamwumvaga. Bari bamwumvise bitonze cyane maze basubizanya ubwira bati : “ni uwa nyuma.” Yesu abatumbira arakaye, maze arababwira ati: “Ndababwira ukuri ko abakoresha b’ikoro n’abamalaya bazababanziriza kwinjira mu bwami bw’Imana. Dore Yohana yaje muri mwe, agendera mu nzira yo gukiranuka, ntimwamwemera. Nyamara abakoresha b’ikoro n’abamalaya bo baramwemeye; ariko nubwo mwabibonye mutyo, ntimurakihana ngo mumwemere.”

Abatambyi n’abakuru ntabwo bashoboye kwibuza gusubiza Kristo nk’uko bikwiriyeye; bityo ashobora kumva igitekerezo cyiza bafitiye uriya mwana wa kabiri, ari we ugereranya abakoresha b’ikoro basuzugurwaga kandi bakangwa n’abafarisayo. Abakoresha b’ikoro bagiraga imibereho yononekaye kuko bicaga amategeko y’Imana kandi bakarwanya bivuye inyuma ibyo amategeko abasaba. Bari barabaye indashima n’abanyabibi; kandi batumiwe ngo bajye gukora mu ruzabibu rw’Umwami, barabyanze, barabigaya. Ariko igihe Yohana aje, yigisha ibyo kwihana, bakira ubutumwa bwe ndetse babatizwa na we.

Umuhungu wa mbere agereranya abayobozi b’ishyamba ry’abayuda. Bamwe mu bafarisayo bari barihanyye kandi bahabwaga umubatizo wa Yohana, nyamara abatwaga ntibemeye ko wavuye ku Mana. Imiburo ye no gucyaha kwe ntabwo byabateye kwisubiraho. “Mu kwanga kubatizwa na we”, bari banze “umugambi Imana yari ibafitiye.” Bakerensheje ubutumwa bwayo. Nk’uko umwana wa mbere yikirije se agira ati : “Databuja ngiye yo”; ariko ntajyeyo, niko abatambyi n’abakuru bigishaga ko bumvira Imana nyamara kandi bayisuzugura. Bagaragazaga ugukiranuka kwishyamba, bakavugaga ko bashakaga kwitondera amategeko y’Imana, nyamara ntabwo bayumviraga na busa. Abakoresha b’ikoro bo, nubwo batukwaga, bakavumwaga n’abafarisayo ngo ntibumvira, bagaragarizaga mu kwizera kwabo n’imirimo yabo ko babanjirije kwinjira mu bwami bwo mu ijuru abo bigira

abakiranutsi mu maso yabo, kuko bibwiraga ko bahawe umucyo mwinshi nyamara ibikorwa byabo bikaba bitari bihwanye n'ugukiranuka bigishaga.

Badakeneye cyane kumva uko kuri gucengera, abatambyi n'abakuru baruma gihwa, biringira ko Yesu yaza kugira icyo avuga babasha guheraho ngo bamurwanye; hari ikindi kintu rero baje kumva.

“Mwumve undi mugani : Habayeho umuntu wari ufite urugo, atera uruzabibu. Azitiraho uruzitiro, acukuramo urwina, yubakamo umunara. Asigamo abahinzi, ajya mu kindi gihugu. Nuko igihe cyo gusarura cyenda kugera, atuma abagaragu be ku bahinzi ngo babahe imbuto ze. Maze abahinzi bafata abagaragu be, umwe baramukubita, undi baramwica, undi bamutera amabuye. Yongera gutuma abandi bagaragu baruta aba mbere, na bo babagirira batyo. Hanyuma abatumaho Umwana we, ati : Bazubaha Umwana wanjye. Maze abahinzi babonye mwene shebuja baravugana, bati : «Uyu ni we mutware, nimutyo tumwice, ubutware bube ubwacu. Nuko baramufata, bamwirukana mu ruzabibu, baramwica. Mbese nyir'uruzabibu naza, abo bahinzi azabagenza ate? »

Yesu yabwiraga abantu bose bari aho. Igisubizo cyatanzwe n'abatambyi n'abakuru ni iki ngo : “Abo bagome azabarimbura nabi, maze uruzabibu arusigemo abandi bahinzi bazajya bamuha imbuto zarwo igihe cyazo.” Abavugaga batyo bari batabanje gutekereza aho uwo mugani werekeza, ariko ntibatinze gusobanukirwa ko bamaze kwiciraho iteka bo ubwabo. Muri uyu mugani, Nyir'urugo aragereranya Imana, naho umuzabibu ukagereranya ishyanga ry'abayuda; uruzitiro rwo ni amategeko y'Imana yabarindaga. Umunara wagereranyaga urusengero.

Nyir'uruzabibu yakoze ibishoboka byose kugira ngo uruzabibu rugubwe neza. Yaravuze ati : «Ikintu nari nkwiye gukorera uruzabibu rwanjye nasize ni ikihe?⁵» Uko niko hibukijwe ibyiza byakorewe Isiraeli ubudahwema. Nk'uko abahinzi bagombaga guha nyir'uruzabibu umugabane w'imbuta z'uruzabibu bumvikanye, niko n'ubwoko bw'Imana bwagombaga kuyubahisha imibereho ihuje n'amahirwe yera bagiriwe. Ariko nk'uko abahinzi bishe abagaragu boherejwe gushaka imbuto, niko n'abayuda bishe abahanuzi b'Imana yari yabatumye kugira ngo babararikire kwihana. Intumwa yasimburwaga n'indi, zicwa. Kugeza aho, ubusobanuro bw'umugani ntibwashoboraga guhinyuka; kandi n'icyari kigiye gukurikiraho nacyo cyari ukuri. Muri uyu Mwana ukundwa woherejwe ku iherezo na nyir'uruzabibu kuri aba bagaragu be batumvira, maze bakamwica, ntabwo abatambyi n'abakuru

byabagoye kumenya ko ari Yesu n’urupfu rwari rumutegereje. Kuko bari bamaze gucura umugambi wo kwica uwo Data wa twese yari yabatumyeho, kandi ari we wari washinzwe kubagezaho irarika rikomeye. Igihano cyahawe abahinzi b’uruzabibu b’indashima cyamenyeshaga ugucirwaho iteka kw’abishi ba Kristo.

Umukiza abarebana impuhwe maze akomeza agira ati : «Ntimwari mwasoma mu Byanditswe ngo :

«Ibuye abubatsi banze niryo
ryahindutse irikomeza imfuruka. Ibyo
byavuye k’Uwiteka kandi ni
ibitangaza mu maso yacu?»

Nicyo gitumye mbabwira ko ubwami bw’Imana muzabunyagwa maze bugahabwa ishyanga ryera imbuto zabwo. Kandi uzagwira iryo buye azavunagurika, ariko uwo rizagwira wese, rizamumenagura rimugire ivu.»

Inshuro nyinshi Abayuda bajyaga basubira muri ubu buhanuzi bari mu masinagogi yabo; bavugaga ko bwerekeza kuri Mesiya ugomba kuzaza. Kristo ni we wari ibuye rikomeza imfuruka y’ubukungu bw’abayuda n’inama y’agakiza yose uko yakabaye. Abubatsi b’abayuda, aribo batambyi n’abakuru b’Isiraeli, bari bamaze kwanga iryo Buye ry’urufatiro. Umukiza yabakeburiraga kwita kuri ubwo buhanuzi bwaberekaga akaga kendaga kubageraho. Akoresheje uburyo bwose bw’ubushobozi bwe, yihatiye kubumvisha uburemere bw’ibikorwa bari biteguye gukora.

Amagambo ye yari ahishe undi mugambi. Mu kubaza ati : “Mbese Nyir’uruzabibu naza, abo bahinzi azabagenza ate?” Yesu yashakaga ko abafarisayo bamuha igisubizo cyabaciragaho iteka. Imiburo ye itarakurikiwe no kwihana, yashakaga kubagaragariza ko ari bo ubwabo biciriyeho iteka bakitegurira ukurimbuka. Yashakaga kubereka ko Imana ikiranuka mu kubakuraho amahirwe y’ishyanga ryabo, yari imaze gutangira kubikora, ndetse ko ibyo bizageza ubwo urusengeru ruzasenyuka, n’umurwa wabo, ndetse iherezo ishyanga ryabo na ryo rigatatanirizwa hirya no hino.

Uwo muburo wumviswe n’abari bamuteze amatwi. Nyamara, nubwo bo ubwabo bari bamaze kwiciraho iteka, abatambyi n’abakuru bari biteguye gukora

nk’uko Yesu yari amaze kubyerekana : “Uyu ni we mutware, nimutyo tumwice.”
“Ariko bashatse kumufata, batinya rubanda, kuko bemeraga ko ari umuhanuzi.”
Rubanda rwose rwemeraga Kristo.

Ubwo yavugaga ubuhanuzi bufitanye isano n’ibuye ryanzwe, Yesu yari ari kurengereza ku mateka y’ibyabaye ku Bisiraeli. Nubwo ibyo byavugaga cyane cyane ibyerekeye ku kuza kwa mbere kwa Kristo kandi bikaba umuhamagaro ukomeye ku bayuda, no kuri twebwe harimo icyigisho. Ubwo urusengero rwa Salomo rwubakwaga, amabuye manini yagombaga kujya mu nkuta no mu mfatiro, yabaga yarabarijwe aho yacukurwaga; nta mwanya wari uhari wo kongera kuyabaza igihe ageze aho agomba kubakwa; icyo abakozi bagombaga gukora kwari ukuyashyira mu mwanya wayo. Bari barazanye ibuye rifite ubunini budasanze ryagombaga kubona umwanya mu rufatiro, nuko abakozi babuze umwanya waryo niko kurishyira ku ruhande. Ryababuzaga inzira kandi rimara igihe ntacyo rikoreshejwe. Nuko igihe bari bageze ku mfuruka abubatsi bashakashaka ibuye rinini rihagije kandi ryakomeza uburemere bw’iyo nyubako rirabura. Guhitamo kutarimo ubwenge no gushishoza kwari guteza akaga impagarike y’inyubako yose. Hari hakenewe ibuye ribasha kwihanganira ubushyuhe bw’izuba, rikihanganira ubukonje bw’urubura ndetse n’umugaru.

Amabuye menshi bari bagerageje yamenwaga n’uburemere yabaga yikoreye. Ayandi na yo ntiyihanganiraga imihindagurikire y’ikirere ya buri kanya. Ku iherezo amaso yerekeza kuri rya buye bari baranze. Ryari ryanitswe, ryicwa n’izuba kandi rinyagirwa n’umugaru, ariko ryarabyihanganiye ntiravunguka na gato. Abubatsi bitegereza iryo buye ryari ryarihanganiye byose uretse kimwe. Bafata icyemezo cyo kurigira irikomeza imfuruka niba rishobora kwihanganira uburemere bw’inyubako. Igerageza rirakunda, maze ibuye riremewe, rijyanwa mu mwanya wateganijwe, nuko basanga ko ryari rihuje n’icyari gikenewe.

Mu iyerekwa, umuhanuzi Yesaya yabonye ko iryo buye ryashushanyaga Kristo. Amagambo ye ni aya, ngo :

«Ahubwo Uwiteka Nyir’ingabo abe ari we mushimisha kwera kwe; kandi uwo abe ari we mujya mwubaha, mumutinye. Kandi ni we uzababera ubuturo bwera, ariko azabera amazu ya Isiraeli yombi ibuye risitaza n’urutare rugusha, abere n’abaturage b’i Yerusalemu ikigoyi n’umutego. Benshi bazamusitaraho bagwe; bavunike, bazategwe bafatwe.» Mu iyerekwa rye rya gihanuzi, umuhanuzi

yajyanywe mu gihe cyo kuza kwa mbere kwa Kristo; maze yerekwa ko Kristo agomba kuzageragezwa maze agahura n'ibirushya byabikiwe ibuye ry'imfuruka ryashyizwe ku nyubako y'urusengero rwa Salomo. «Ni cyo cyatumye Umwami Imana ivuga iti : Dore ndashyira muri Sioni ibuye ry'urufatiro, ryageragejwe, ibuye rikomeza imfuruka ry'igiciro cyinshi, rishikamye cyane; kandi uwizera ntazahutiraho!⁶»

Mu bwenge butarondoreka, Imana yatoranije ibuye ry'urufatiro kandi iba ari yo ubwayo irishyiraho. Yarahamije iti : Ni urufatiro rushikamye. Ab'isi bose bashobora kurirambikaho imitwaro yabo n'ibibabaza byabo byose : kuko rishobora kubyihanganira. Kristo ni we Buye ryageragejwe. Ntabwo akoza isoni abamwiringira. Yihanganiye ibigeragezo byose. Icyaha cya Adamu n'iby'abamukomokaho bose, byageretswe kuri we, ariko abivamo anesheje imbaraga y'umubi. Yikoreye imitwaro y'ibyaha yageretsweho na buri munyabyaha wihannye. Muri Kristo umutima w'umunyabaha ubona guhumurizwa. Atanga urufatiro nyakuri. Abamwiringira bose baruhukira mu mutekano w'amahoro.

Ubuhanuzi bwa Yesaya bwerekana Kristo nk'urufatiro rushikamye kandi akaba n'urutare rugusha. Intumwa Petero, ashorewe n'Umwuka Wera yagaragaje abo Kristo abereye ibuye rikomeza imfuruka n'abo abereye urutare rugusha agira ati :

«Niba mwarasogongeye mukamenya ko Umwami wacu agira neza, nimumwegere ni we buye rizima ryanzwe n'abantu, ariko ku Mana ryatoranijwe, rikaba iry'igiciro cyinshi; namwe mwubakwe nk'amabuye mazima kugira ngo mube inzu y'Umwuka n'ubwoko bw'abatambyi bwera bwo gutamba ibitambo by'Umwuka bishimwa n'Imana kubwa Yesu Kristo; kuko mu Byanditswe harimo aya magambo ngo : Dore ndashyira muri Sioni ibuye rikomeza imfuruka, ryatoranijwe, kandi ry'igiciro cyinshi, kandi uryizera ntazakorwa n'isoni! Nuko rero mwebwe ubwo mwizeye, muzi ko ari iry'igiciro cyinshi koko, naho ku banga kwizera, ibuye abubatsi banze ni ryo rikomeza imfuruka, ni ibuye rigusha: Basitara ku Ijambo ry'Imana ntibaryumvira.⁷»

Ku bizera, Kristo ni Urufatiro rushikamye. Kuko baguye kuri Rutare maze bakamenagurika. Ibyo bishatse kuvuga kwicisha bugufi, kumvira Kristo kandi ukanamwizera. Kugwa kuri Rutare maze ukamenagurika bisobanura kwanga gukiranuka kwawe bwite, maze ukajya kuri Kristo wicishije bugufi nk'umwana muto, mu kwihana ibicumuro byawe ukizera urukundo rubabarira. Kandi kubwo kwizera no kumvira twubakwa ku rufatiro rwa Kristo.

Abayuda n'abanyamahanga na bo bashobora kubaka kuri iryo buye rizima. Ni rinini kandi rishobora rwose kwihanganira uburemere n'umutwaro w'isi yose. Bunze ubumwe na Kristo, we buye rizima, abubatswe bose kuri urwo rufatiro na bo bahinduka amabuye mazima. Abantu benshi bashaka kwiremarema, kwiboneza no kwirimbisha bakoresheje imbaraga zabo bwite; nyamara ntibashobora guhinduka amabuye mazima kuko batari isanga n'ingoyi na Kristo. Nta n'umwe ushobora gukizwa atari muri ubwo bumwe na we. Ntawe ushobora kunesha ubukana bw'ibigeragezo adafite muri we ubugingo bubonerwa muri Kristo. Amahoro umutekano urambye bibonwa gusa n'uwubatswe kuri urwo rufatiro rutajegajega. Muri iki gihe abantu benshi bubaka ku mfatiro zitasuzumwe. Iyo imvura iguye, umuraba ugashega, bigatera imivu gutemba, iyo nzu iragwa kuko itari ishinze ku Rutare rw'iteka, ari ryo Buye rikomeza imfuruka, ni ukuvuga Kristo Yesu.

Ku bantu «barisitaraho kubera kutumvira Ijambo ry'Imana», Kristo ni Urutare rugusha. Ariko «ibuye ryanzwe n'abubatsi, ni ryo ryahindutse irikomeza imfuruka.» Nk'uko iryo buye ryanzwe, niko na Kristo mu gihe cy'ubutumwa bwe hano ku isi yirengagijwe kandi agirirwa nabi. «Yarasuzugurwaga, ahangwa n'abantu. Yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk'umuntu abandi bima amaso, natwe ntitumwubahe.⁸» Nyamara igihe cyo cyo guhabwa ikuzo cyari cyegereje. Kubw'umuzuko we mu bapfuye yari agiye «kwerekananwa ubushobozi ko ari Umwana w'Imana.⁹» Azerekanwa ari Umwami w'ijuru n'isi ubwo azaba agarutse ubwa kabiri. Abari bari kwitegura kumubamba nibwo bazamusobanukirwa mu gukomera kwe nyakuri. Mu maso y'ibyaremwe byose, ibuye ryanzwe rizahinduka irikomeza imfuruka.

«Uwo rizagwira, rizamugira ivu.» Ubwoko bwangaga Kristo bidatinze bwari bugiye kwibonera irimbuka ry'umurwa wabwo ndetse n'iry'ishyanga ryabwo. icyubahiro cyabwo cyari kigiye kuyoyoka kikanyanyagira mu birere bine

nk'umukungugu. Nyamara se n'iki cyarimbuye abayuda? Ni Rutare bari gushobora kubakaho bakaba amahoro. Ariko ubuntu bw'Imana bwarahinyuwe, ubutabera ntibwitabwaho, n'imbabazi barazikerensa. Abantu bihinduye abanzi b'Imana, nuko ibyari gukorwa byose kugira ngo bakizwe bibahindukira ibyo kubatsemba. icyashoboraga gutanga ubugingo, mu migambi y'Imana cyahindutse igikoreshe cy'urupfu. Amaraso yasesekaye i Kaluvari yababereye ukurimbuka mu gihe cya none no mu gihe kizaza. Ni nako bizagenda ku muni ukomeye uheruka, ubwo amateka azagera ku birengagije ubuntu bw'Imana. Kristo we Rutare rugusha, noneho azabamerera nk'umusozi uhora inzigo. Ubwiza bwo mu maso he buzazanira abakiranutsi ubugingo, buzabera abanyabyaha umuriro ukongora. Umunyabyaha azatsembwa nuko yanze urukundo kandi akirengagiza ubuntu.

Yesu yifashishije amapica anyuranye n'imiburo isubiwemo, yerekanye ibizagera ku Bayuda banze Umwana w'Imana. Amagambo ye arabwira abo mu bihe byose bazanga kumwakira nk'Umucunguzi wabo. Iyo miburo yose irabareba. Urusengero rwahumanijwe, umwana utumvira, abahinzi babi b'abagome, n'abubatsi bakerensa : Bose bafite umugabane wabo ugaragarira muri buri munyabyaha, uzacirwaho iteka ryavuzwe niba yanze kwihana.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 21:12-16,23-46; Mariko 11:15-19,27-33; 12:1-12; Luka 19:45-48; 20:1-9.
2. 1 Samweli 15:22; Yesaya 1:10-12,16,17.
3. Yohana 2:16.
4. Zaburi 118:26; Zekariya 9:9.
5. Yesaya 5:4.
6. Yesaya 8:13-15; 28:16.
7. 1 Petero 2:3-8.
8. Yesaya 53:3. 9. Abaroma 1:4.

*** **

66. AMAKIMBIRANE



Abatambyi n’abakuru bari bategeye amatwi bitonze amagambo Kristo yavuze abacyaha. Bananiwe guhakana ibyo abarega. Ariko barushaho kumutega imitego; kugira ngo babigereho “bamutumaho abatasi bigize nk’abakiranutsi, kugira ngo bamufatishye rimwe mu magambo avuga, maze babone uko bamutanga mu butegetsi.”¹ Mu cyimbo cyo kohereza abafarisayo bakuze, bamwe Yesu yahoraga ahura na bo, bohereza abasore bagira ishyaka ryinshi kandi bakaze mu by’idini, bibwira ko Kristo ataza kubamenya. Abo basore bari baherekejwe n’abaherode bagendereye kwandika amagambo ye; kugira ngo bazashobore

kumushinja igihe cy’urubanza. Abafarisayo n’abaherode banganaga urunuka, ariko noneho buzuzwa n’urwango bari bafitiye Kristo.

Abafarisayo ntibanezewwaga na gato n’umusoro bahaga abaroma. Uwo musoro bawubonaga nk’ikintu cyica amategeko y’Imana. Ariko noneho bari bagize amahirwe yo kubona akanya ko gutega Yesu umutego. Abatasi baza aho ari bicishije bugufi cyane, bameze nk’aho bakeneye kwigishwa inshingano ibareba, nuko baramubaza bati : “Mwigisha tuzi ko uri inyangamugayo kandi ko wigisha inzira y’Imana by’ukuri kuko utita ku cyubahiro cy’umuntu wese, ahubwo wigisha inzira y’Imana by’ukuri. Mbese amategeko yemera ko duha Kaisari umusoro cyangwa ntabyemera?”

“Tuzi ko uri inyangamugayo kandi ko wigisha inzira y’Imana by’ukuri.” Avuganywe ukuri kose, aya magambo yari ayo kwemerwa rwose. Nubwo ayo magambo yari afite umugambi w’uburyarya, nyamara yari ubuhamya bw’ukuri. Abafarisayo bari bazi ko Kristo ari inyangamugayo haba mu byo avuga ndetse no mu byo yigishije, bityo rero bazacirwa urubanza bitewe n’ibyo bihamirije bo ubwabo.

Abo babazaga Yesu bibwiraga ko bahishe umugambi wabo bihagije; ariko Yesu yasomaga mu mitima yabo nko mu gitabo kibumbuye, akagenzura uburyarya bwabo. Yarababwiye ati “Mungeragereje iki mwa ndyarya mwe?” Ubwo yari abahaye ikimenyetso batamusabye, abagaragariza ko yahishuye imigambi yabi iri mu mitima yabo. Nuko barumirwa ubwo yari ababwiye ati: “Nimunyereke ifeza y’umusoro.” Bamwereka idenariyo. Yesu arababaza ati “iyi shusho n’iri zina ni ibya nde?” Baramusubiza bati: ni ibya Kayisari. Yesu arababwira ati « Nuko rero ibya Kayizari mubihe Kayisari, iby’Imana mubihe Imana .»

Abatasi bari bategereje igisubizo cya Yesu kibemerera cyangwa kibahakanira. Iyo aza gusubiza ati : Ntabwo byemewe guha Kaisari umusoro baba baramureze ku bategeka b’abaroma, agafungirwa kugandisha abantu. Na none kandi iyo aza kuvuga ko gusora byemewe, bajyaga kumurega kuri rubanda ko arwanya amategeko y’Imana. Ariko avumbuye imigambi yabo baramwara. Gahunda yabo yari ipfuye. Igisubizo kigufi ku kibazo bari babajije nticyabahaye undi mwanya wo kugira icyo bamubaza.

Igisubizo cya Kristo ntabwo cyari ukwirengagiza, cyari igisubizo gitunganye. Yari afashe mu ntoki ze idenariyo y’abaroma, amazina n’ishusho byari ibya Kaisari; Yesu ababwira ko ubwo barinzwe n’abaroma, inshingano yabo ari iyo kubaha ibyo babasaba igihe cyose bitarwanya amategeko y’ijuru. Nyamara kuba umuturage uturiye muni y’amategeko y’igihugu bigusaba bwa mbere kubanza kuba indahemuka ku Mana yawe.

Aya magambo y’Umukiza ngo « iby’Imana mubihe Imana », yari amagambo acyaha abo bayuda b’indiyariya. Iyo baza kuba barashohoye ibyo Imana yabasabaga, ntibari kuba ishyamba ryahetamishijwe n’uburetwa bw’abanyamahanga. Nta bendera ry’abaroma ryajyaga kuzamurwa i Yerusalemu, nta mutegeka w’abaroma wajyaga gutwara mu bikari byabo. None rero ishyamba ry’abayuda, ryari rikwiriye guhangana n’ibihembo byo kwimura Imana kwaryo.

Abafarisayo, “barumirwa, bamusiga aho baragenda.” Yari yabacyashye kubera uburyarya bwabo no kwigerezaho kwabo; na none kandi yari amaze

gushinga amahame agaragaza neza urubibi ruri hagati y'inshingano z'umuntu ku byerekeye ibyo agomba gukorera leta n'inshingano ze ku Mana. Ikibazo cyahoraga gihangayikishije imitima myinshi cyari kimaze gusubizwa. Guhera ubwo bashingira kuri iryo hame kuko ryari ukuri. Nubwo abenshi batari bishimye, wabonaga ko iryo hame ari urufatiro rw'ikibazo kimaze iminsi, nuko batangazwa n'uburyo Yesu azi gushishoza.

Abafarisayo bakimara gucecekesha, ako kanya abasadukayo baraza, bafite ibibazo byuzuye imitego. Abafarisayo bakurikizaga imihango, bakubahiriza imiziririzo ntacyo bagabaniyeho; nta cyabasibyaga mu gihe cyo kwiyiriza ubusa kandi bakarya bajabitse intoki, basengaga amasengesho maremare y'urudaca, kandi bagafasha abakene ngo bagaragare neza. Ariko Kristo yabacyahaga kwica amategeko y'Imana bakayasimbuza ay'abantu. Bari bagize itsinda rikabya kandi ry'indyarya. Nyamara muri bo harimo abantu b'abizera nyakuri, bakiriye inyigisho za Kristo maze baza guhinduka abigishwa be.

Abasadakayo bo, bari baranze imigenzo y'abafarisayo. Bavugaga ko bizera ahanini ibyanditswe byera, bikaba ari byo bigenga ibikorwa byabo; ariko mu by'ukuri bari abantu bihugiraho kandi bakunda ibintu.

Abasadukayo ntibemeraga ko abamalayika babaho, umuzuko w'abapfuye, ubugingo bw'ahazaza, ingororano n'ibihano byabwo. Kuri izo ngingo zose bari bahabanye n'abafarisayo. Ingingo nyamukuru y'amakimbirane hagati y'abafarisayo n'abasadukayo yari ikibazo cy'umuzuko. Abafarisayo bizeraga rwose ko umuzuko uzabaho, ariko imibereho y'ahazaza ntibari bayisobanukiwe. Urupfu rwari rwarababereye ibanga ritamenyekana.

Kudashobora gusubiza ibibazo by'abasadukayo, bikabatera guhorana umujinya. Amakimbirane yahoraga hagati y'ayo matsinda yombi, niyo yazanye impaka ndende, maze uko bukeye n'uko bwije zigacukura urwobo rurerure rurushaho kubatandukanya.

Abasadukayo bari bake cyane ubagereraniye n'abo bahanganye kandi nta bushobozi bwinshi bari bafite kuri rubanda, ariko benshi muri bo bari abakungu kandi bafite icyubahiro kizanwa no gukira. Abenshi mu batambyi bakoreraga mu myanya y'abasadukayo, ndetse ubusanzwe muri bo ni ho havagamo umutambyi mukuru. Birumvikana ko igihe cyose bashimangiraga ibitekerezo byabo kugira ngo bibe ari byo byemerwa. Urebye umubare wabo ukawugereranya n'ubwinshi

bw'abafarisayo, abasadukayo bagombaga kumvikana nabo mu myigishirize igihe cyose babaga mu murimo, ariko kuba barashoboraga gutorerwa imirimo ikomeye nk'iyi byabateraga kwishongora mu makosa yabo.

Abasadukayo bangaga ibyigisho bya Yesu, ntibashakaga kwemera umwuka wari umurimo; ibyo Yesu yigishaga bivuga Imana n'ubuzima bw'ahazaza byari bihabanye n'imyigishirize yabo. Koko babonaga ko Imana ari ikizima gisumba umuntu kure; ariko bakibwira ko kuyoborwa n'imbaraga z'Imana no kumenya ibitarabaho kwayo byabuza umuntu uburenganzira bwe bwo kwihitiramo, maze bikamugira imbata. Bumvaga ko Imana ikimara kurema umuntu yamutereye aho ngo yibere mu mudendezo uko ashaka. Bashyigikiraga ko umuntu afite uburenganzira bwo gutegeka imibereho ye, maze akayobora ibizamubaho kandi ko imigenzereze ye iri mu maboko ye. Ntibakundiraga Umwuka w'Imana gukorana n'ibikoresho by'abantu cyangwa ubundi buryo busanzwe Imana yashyizeho. Cyakora bemeraga ko umuntu akoresheje neza ubwenge bwa kavukire ashobora gukuza amajyambere kandi akiha umucyo; kandi ko kubw'imyifatire y'ubutwari umuntu ashobora kwitunganya.

Gutunganya imico yabo byaterwaga n'uko bafata Imana. Bitewe nuko mu maso yabo batitaga ku muntu na gato, ntibigeraga bafasha abantu namba; babagaho mu macakubiri. Kuba baranze kwemerera Umwuka wera ngo abayobore, byabavukije imbaraga zawo. Nk'uko abandi bayuda bari bameze, abasadukayo nabo birataga ko ari urubyaro rw'Aburahamu, bafite kumvira guhuje n'amategeko, nyamara umwuka w'ukuri wo kumvira amategeko no kwizera ndetse no kugira neza byagaragaraga muri Aburahamu, ntibyababonekagamo. Urukundo rwabo rusanzwe rwagiraga aho rugarukira, bumvaga ko buri muntu ari we ubwe ugomba kwibeshaho, kandi akishakira ibimutungira ubuzima; ubukene n'imibabaro by'abandi ntibari babyitayeho. Biberagaho mu kwimenya bo ubwabo.

Mu magambo ye no mu mirimo ye, Yesu yahamyaga ko imbaraga y'Imana ikora ibitangaza iva ku Mana Se w'abantu bose agahamya imibereho yo mu ijuru; kandi ko iteka ryose ihora iri maso yitaye ku byafasha abantu mu buzima. Yabahishuriraga imbabazi n'impuhwe z'Imana bigaragarira mu mirimo ye kugira ngo bicireho iteka kuba nyamwigendaho n'ubugugu bya gisadukayo. Yesu yahamyaga ko Umwuka wera ukorera mu mitima y'abantu ubaha ibyiza byo muri

ubu buzima, no mu buzima bw'umunezero bw'iteka . Yaberekaga uburyo bibeshya bakoresha imbaraga za kimuntu ngo babashe guhindura kamere yabo; kuko ibyo bishobora gukorwa gusa n'Umwuka w'Imana.

Abasadukayo bari barafashe icyemezo rwose cyo kurwanya ibyo byigisho bya Yesu. Mu kujya impaka na Yesu, bizeraga ko bazamubuza gukundwa, kabone nubwo babasha gutuma acirwaho iteka. Ingingo bahisemo bagombaga kumubaza, yabaye umuzuko. Iyo aza kubemerera, yajyaga kuba acumuye ku bafarisayo. Kandi iyo abavuguruzaga bari bafite umugambi wo gukoza isoni ibyigisho bye.

Muri make igitekerezo cy'abasadukayo cyari iki ngo : Niba umubiri w'ahazaza udapfa, ugomba kuba ugizwe n'ibigize uyu mubiri upfa; nuko rero kubw'ibyo umubiri uzutse uzaba ufite inyama n'amaraso, kandi ugomba kubaho mu isi izaza mu buzima wahoranye hano ku isi. Bibwiraga ko bibaye bityo rero, amasano yo ku isi yagumya gakomeza, abagabo n'abagore bagashyingiranwa, byose bigakomeza nk'uko byari bimeze mbere yo gupfa; maze ubumuga n'irari ryo muri ubu buzima bikagarukirana muri ubwo buzima bw'ahazaza.

Mu gusubiza ikibazo cyabo Yesu yakuyeho inyegamo ikingirije imibereho y'ahazaza. Yarababwiye ati: « mu izuka ntibarongora kandi ntibashyingirwa, ahubwo bamera nk'abamaraika bo mu ijuru. » Yari agaragaje ko imyizerere y'abasadukayo ari ubuyobe. Kwibwira kwabo kwa ri gupfuye. Akomeza agira ati: « aho sicyo gituma muyoba kuko mutamenye Ibyanditswe cyangwa ubushobozi bw'Imana. » Ntabwo yabareze uburyarya nk'uko yabibwiye abafarisayo, ahubwo yabaretse amakosa yo mu myigishirize yabo.

Abasadukayo birataga ko aribo basobanura neza Ibyanditswe byera. Yesu abereka ko batazi ubusobanuro nyakuri. Ubwo bumenyi buheshwa no kumurikirwa n'Umwuka Wera. Ababwira ko kuba batazi Ibyanditswe kandi ntibamenye imbaraga y'Imana ari yo ntandaro y'ibyigisho byabo biyobye no kunangirwa kw'imitima yabo. Bashakaga kugenzurisha ubwiru bw'Imana imbaraga z'ubwenge bwabo bugerwa. Kristo abararikira kugururira imitima yabo ukuri kwera gushobora kwagura no gukomeza imyumvire yabo. Abantu ibihumbi byinshi bahinduka abatizera kubera ko ubwenge bwabo bugerwa budasobora kwisobanurira ubwiru bw'Imana. Ntibashobora gusobanura imbaraga itangaje y'Imana igaragarira mu bushake bwayo; kubw'ibyo, banga ibimenyetso bihamya iyo mbaraga maze

bakihitiramo kubyitirira imbaraga z'ibyaremwe, nabyo kandi batabisobanukiwe. Urufunguzo rumwe gusa rukingura ubwiru butuzengurutse, ni ukumenya ko Imana ihari maze tukamenya n'ibikorwa byayo. Abantu bakwiriye kumenya ko Imana ari Umuremyi w'ibiriho byose, ikabitegeka kandi ikabigenzura byose uko bingana. Bagomba kugira ubumenyi bwagutse ku mico yayo no ku bwiru bw'imigirire yayo.

Kristo yabwiye abamwumvaga ko niba kuzuka kw'abapfuye kutabaho, Ibyanditswe byera bizera nta mumaro byaba bifite. Yarababwiye ati : « Ariko se ibyerekeye kuzuka kw'abapfuye ntimwari mwasoma icyo Imana yababwiye ngo : Ninjye Mana y'Aburahamu, n'Imana ya Isaka n'Imana ya Yakobo? Imana si Imana y'abapfuye ahubwo ni iy'abazima. » Ku Mana, ibintu butariho ibibona nk'uko byakabaye. Ibona iherezo irebeye mu itangiriro, kandi yitegereza isoza ry'umurimo wayo nkaho ryamaze kubaho. Abantu bapfuye bera uherye kuri Adamu ni ab'igiciro cyinshi mu maso y'Imana kandi abapfuye bose bakiranuka, bazumva ijwi ry'Umwana w'Imana basohoke mu mva ngo bahabwe ubugingo budapfa. Imana izaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwayo. Hazabaho isano yimbitse hagati y'Imana n'abera bazutse. Ibyo byose, biteganyirijwe mu migambi yayo, ibibona mbere hose nk'ibyamaze kuba. Ku Mana abapfuye ni bazima.

Abasadukayo bacecekesha n'amagambo ya Kristo. Babura icyo bavuga kandi nta jambo na rimwe ryari ryavuzwe bakwifashisha ngo bamurege. Abanzi be ntacyo bari bungutse uretse gukubwa na rubanda.

Nyamara abafarisayo bo bataracika intege, bumvaga hari ijambo bazamuvanamo bazashobora kwifashisha ngo bamurwanye. Bumvisha umwanditsi w'umuhanga kubaza Yesu ngo amubwire itegeko ryo mu mategeko icumi rirusha ayandi gukomera.

Abafarisayo bemeraga ko amategeko ane abanza, agaragaza inshingano umuntu agomba Umuremyi we, afite agaciro karuta ak'atandatu yandi, yerekana uko umuntu agomba kubana na mugenzi we. Harimo ukwemera kuryarya. Yesu yeretse rubanda aho intege nke zabo ziri; yari yabagaragarije uburyo imirimo myiza ikenewe, abumvisha ko igiti kimenyekanira ku mbuto zacyo. Nuko rero bari bareze Yesu ko amategeko atandatu aheruka ayasumbisha ane abanza.

Umunyamategeko yegera Yesu maze amubaza icyo kibazo yahuranije ati : « Mbese itegeko ry'imbere muri yo ni irihe? Igisubizo cya Yesu nacyo kiza cyahuranije kandi kinonosoye ngo « umva Isiraeli, Uwiteka Imana yacu ni we Mwami wenyine. Nuko rero ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose n'imbaraga zawe zose; irya kabiri ngiri : « Ukunde Mugenzi wawe nkuko wikunda. » Nta rindi tegeko rirusha ayo gukomera. » « Muri ayo mategeko yombi, amategeko yose n'ibyahanuwe ni yo yuririraho. »

Amategeko ane abanza akubiye muri iri tegeko rikomeye ngo : “Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose. » Naho amategeko atandatu aheruka akubiye muri iri ngo « Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda. » Aya mategeko, na none kandi asobanura ihame ry'urukundo. Ntiwabasha kwitondera irya mbere wica irya kabiri, kimwe n'uko utakubaha irya kabiri wica irya mbere. Imana nihabwa umwanya uyikwiye mu mutima, mugenzi wawe na we azahabwa umwanya umukwiye. Tuzamukunda nk'uko natwe twikunda. Gukunda Imana ukayirutisha byose bikubashisha gukunda mugenzi wawe urukundo rutagabanije.

Kuko amategeko yose akubiye mu rukundo dukunda Imana n'abantu, igikurikiraho ni uko utashobora kwica rimwe gusa muri ayo mategeko utamaze kwangiza iryo hame. Uko niko Kristo yagaragariye abamwumvaga ko amategeko y'Imana atari amategeko agabanijemo, ngo abe afite agaciro gahindagurika; ngo ahari rimwe abasha kuryica maze ntahanwe. Umwami wacu yerekana amategeko ane abanza n'amategeko atandatu aheruka ko yose agize ikintu kimwe cyuzuye cy'ubumana, kandi atwigisha ko urukundo dukunda Imana rugaragazwa no kumvira amategeko yayo yose.

Umwanditsi wari wabajije Yesu yari umuntu uzi neza amategeko, nuko amwumvise aratangara. Ntabwo yari yiteze kumusangamo ubwenge bwimbitse butyo kandi bunonosoye. Nuko uwo mwanditsi imbere ye hagaragara iyerekwa ryagutse ry'ihame rigize urufatiro rw'amategeko yera. Imbere y'abatambyi n'abatware, bateranye yemera n'ukuri kose ko Kristo yasobanuye neza amategeko kandi mu kuri. Nicyo cyatumye avugaga ati :

“Ni koko Mwigisha, uvuze ukuri yuko Imana ari imwe, nta yindi keretse yo yonyine. Kandi ko kuyikundisha umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose n’imbaraga zawe zose, kandi no gukunda mugenzi wawe nkuko wikunda biruta ibitambo byose byokeje n’ibitokeje.

Ubwenge buri mu gisubizo cya Kristo bwari bumaze kumvisha uwo mwanditsi. Yari azi neza yuko idini rya kiyuda ari iy’imihango gusa igaragarira amaso, atari ukwera guhishwe imbere mu mutima. Yari asobanukiwe neza umumaro muke w’ibitambo by’imihango n’ibitambo bisheshe amaraso byo gukuraho ibyaha, niba nta kwizera guhari. Gukunda Imana no kuyumvira no gukunda umuntu umwitayeho, byahise bimugaragarira ko birusha agaciro iyo mihango yose. Uwo mwanditsi mu kugaragaza ko yiteguye kwemera ukuri kuzima k’ubwenge bwa Kristo, kandi agasubiza neza imbere ya rubanda, uwo mugabo yari agaragaje rwose ko umwuka umurimo wari uhabanye n’uw’abatambyi n’abakuru. Umutima wa Yesu ugirira impuhwe uwo mwanditsi w’inyangamugayo, kuko yatinyutse guhamya ibyo yemera kabone naho atakwemerwa n’abatambyi maze agacyahwa n’abakuru. Yesu abonye

amusubijanyije ubwenge, aramubwira ati: “Nturi kure y’ubwami bw’Imana.”

Uwo mwanditsi ntiyari kure y’ubwami bw’Imana koko, kuko yahamyaga ko ibikorwa byo gukiranuka binezeza Imana kuruta ibitambo n’amaturo. Yari agikeneye kumenya kamere ya Kristo y’ubumana no kwakira imbaraga ihagije imubashisha gukora imirimo yo gukiranuka. Umurimo w’ibitambo wari kugira agaciro iyo ufatanyaga no kwizera kuzima kwawuhuza no kwemera Kristo. Amategeko icumi na yo ubwayo ntiyasohozaga umugambi wayo iyo uyitondera udashakaga kugengwa n’Umukiza. Yesu yari yagaragaje kenshi ko amategeko ya Se afite ubusobanuro burebure busumbye ubw’amategeko y’inyuguti. Amategeko akubiyemo ihame ryagaragaraye mu butumwa bwiza. Amategeko yigisha umuntu inshingano ye kandi akamugaragariza amafuti ye. Kuri Kristo ni ho dukwiye guhanga amaso ngo tubone imbabazi kandi ngo duhabwe imbaraga zo gusohozaga ibyo amategeko asaba.

Abafarisayo bari begereye Kristo igihe yasubizaga ikibazo cy’umwanditsi. Nuko Yesu arabahindukirira, maze na we ababaza iki kibazo ngo : “Ibya Kristo

mubitekereza mute? Ni mwene nde?” Icyo kibazo cyari kigiye gutuma bavuga imyizerere yabo ku byerekeye Mesiya ; mbese bamubonaga nk’umuntu woroheje cyangwa nk’Umwana w’Imana ? Basubiriza icyarimwe ngo «Mwene Dawidi.» Koko rero, ni ryo zina ubuhanuzi bwitaga Mesiya. Mu gihe Yesu yerekanishaga ubumana bwe ibikorwa bifite imbaraga akiza abarwayi akazura abapfuye, bari babajije bati : « mbese aho si mwene Dawidi ? » Umugore w’Umusirofenisiyenekazi, impumyi Barutimayo n’abandi benshi bamusabaga ubutabazi bagira bati « Mwami mwene Dawidi mbabarira!² » Nuko ubwo yari ku ndogobe yerekeza i Yerusalemu, bamwakiranye umunezero bavuga bati : « Hoziyana mwene Dawidi! Hahirwa uje mu izina ry’Uwiteka! ³» Ijwi nk’iryo ryari ryarumvikanye mu bana bato bari mu rusengero. Ariko, abenshi mu bitaga Yesu Umwana wa Dawidi, ntibari bazi ubumana bwe. Ntibumvaga ko mwene Dawidi ari na we Mwana w’Imana.

Akurikije iyi mvugo ko Kristo ari umwana wa Dawidi, Yesu yaravuze ati : «Nuko rero ni iki cyatumye Dawidi abwirijwe n’Umwuka amwita Umwami we?

Ati : «Uwiteka yabwiye Umwami wanjye ati :


Icara iburyo bwanjye ugeze aho nzashyirira abanzi bawe
munsi y’ibirenge byawe.»

«Nuko ubwo Dawidi amwita Umwami we, none abasha ate no kuba umwana we? Ntihagira umuntu ubasha kumusubiza ijambo, ndetse uhereye uwo munsi nta muntu watinyutse kongera kugira icyo amubaza.»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 22:15-46; Mariko 12:13-40; Luka 20:20-47.
2. Matayo 15:22. 3. Matayo 21:9.

*** **

67. MWA BAFARISAYO MWE, MUZABONA ISHYANO



Ubwo nibwo bwari ubuheruka Yesu yigishiriza mu rusengero. Yari yiyerekejeho ibitekerezo by'inteko nini z'abantu bari bateraniye i Yerusalemu. Bari buzuye mu bikari, bakurikirana impaka zahaberaga, bitaye ku ijamba ryose riva mu kanwa ke. Bari batarigera babona ibintu nk'ibyo. Umusore w'Umunyegalilaya yari ahagaze aho, nta kimenyetso kigaragara inyuma cy'ubwami bwe. Yari agoswe n'abatambyi bambaye imyambaro y'igicro cyinshi; hahagaze n'abakuru ibishura byabo biriho ibimenyetso byerekana gukomera k'urwego barimo n'abanditsi bari bahari bafite mu ntoki zabo imizingo y'ibitabo nk'uko bakundaga kubigira umugenzo. Yesu yari ahagaze hagati muri bo atuje, kuko

yiyumvagamo imbaraga z'ijuru; arebana icyubahiro cya cyami abanzi be; nubwo bari barasuzuguye kandi bagakerensa ibyigisho bye; kandi bakaba barashakaga no kumwica. Umugabane munini wo muri bo, bari baragerageje kumurwanya, ariko uburyo bari barakoresheje bwose bagatsindwa bukaburiramo. Yesu mu gusubiza ibibazo byabo byose birimo imitego, agatsindisha umucyo wera w'ukuri umwijima wabo, n'amakosa y'abatambyi n'abafarisayo, akereka abo bayobozi gito imibereho yabo nyakuri n'ibibaho bitazabura kubageraho niba bakomeje kuguma mu bikorwa byabo bibi, yari yabasabye kuba maso. Nyamara hari undi murimo yari ashigaje gukora.

Inyungu abo bantu bari bateze kuri Kristo no ku murimo we ntizahwemaga kwiyongera. Na none kandi inyigisho ze zari zarabacengeye zinabateye ubwoba. Bubahaga abatambyi n'abigishamategako kubera ubwenge bwabo no kwera kwabo kugaragarira amaso, bakumvira ubutware bwabo batajuyaje mu bibazo byose by'idini, ariko ubu babona abo bagabo bagenda banyuranya na Yesu, Umwigisha

uzwiho ubuhanga n'ukuri gutsinda buri ntambara yose ije. Ugutsindwa kwasomwaga ku maso y'abatambyi n'abakuru, bari bafite isoni. Abantu batangazwaga nuko abatware banze kwizera Yesu, nubwo inyigisho ze zacishaga make ariko zifite umucyo. Abantu ntibari bazi icyo bakwiriye gukora, bakurikiranaga amatsiko imigenzereze y'abo bahoraga bita ibyitegererezo byabo.

Kristo akoresheje imigani, yari yihatiye kuburira abatware ari nako yigisha bamwe mu bamwumvaga bashakaga kumutega amatwi. Ariko yagombaga kongera kuvuga mu buryo bweruye. Yesu yagombaga gucagagura iminyururu yahejeje rubanda mu buretwa, kubera ukuntu bari barihambiriye ku mihango n'ibyiringiro byabo bihumye byari mu butambyi bwononekaye. Byabaye ngombwa ko ashyira ahabona kamere nyakuri y'abatambyi n'abakuru ndetse n'abafarisayo.

Aravuga ati : « Abanditsi n'abafarisayo bicaye ku ntebe ya Mose. Nuko rero ibyo bababwira byose mubikore mubiziririze, ariko imigenzo yabo mwe kuyikurikiza, kuko ibyo bavuga atari byo bakora.¹ » Abanditsi n'abafarisayo bibwiraga ko bambaye ubutware bw'ijuru nka Mose. Bicaraga mu mwanya w'uwo mwigisha mategeko nk'abigisha b'amategeko bakuru, kandi nk'abacamanza b'ubwo bwoko maze bagasaba ko abantu babumvira nta gukebakeba. Yesu niko kurarikira abamwumvaga, gukora ibyo abigisha bababwira bihuje n'amategeko, ariko ntibakurikize icyitegererezo cyabo, kuko na bo ubwabo batakoraga ibyo babwiriza.

Hari n'ibindi bintu byinshi bigishaga binyuranye n'Ibyanditswe byera. Ni cyo cyatumye Yesu avuga ati : « Bahambira imitwaro iremereye idaterurwa, bakayihakesha abantu ku ntugu, ariko ubwabo ntibemere no kuba bayikozaho n'urutoki rwabo. » Abafarisayo bari barashyizeho uruhuri rw'amategeko ashingiye ku mihango, maze azana inzitizi zitumvikana zibuza umudendeze wo kwishyira ukizana; basobanuraga ibice bimwe by'amategeko ku buryo ubwo busobanuro bwahatiraga abantu imikomereze yayo, nyamara bo ubwabo mu rwiherero ntibayakomeze, bakiyumvamo ko bitabareba, kuko babikoraga nk'uko babyumvikanyeho.

Bahoraga bahangayikishijwe no kwerekana ubutungane bwabo. Nta kintu cyababereye cyiza cyane nko kugera kuri iyo ntego. Ku mategeko yayo, Imana yari yarabwiye Mose iti : « Uyahambire ku kuboko kwawe akubere ikimenyetso,

uyashyire mu ruhanga rwawe hagati y'amaso yawe² ». Aya magambo arimo ubusobanuro bwimbitse cyane. Ijambo ry'Imana iyo risomwe neza kandi rigashyirwa mu bikorwa, riboneza umuntu uko yakabaye. Amaboko yamenyereye gukora ibikorwa byo gukiranuka n'iby'impuhwe, aba ari ikimenyetso kigaragaza amahame y'amategeko y'Imana. Amaboko nk'ayo azarindwa ikintu cyose cy'ubunembwe, n'ikintu cyose cyononekaye kandi cy'ikinyoma. Azakoresheya imirimo y'urukundo n'impuhwe. Amaso ahanzwe ku ntego y'ingirakamaro, ntazahugira kandi azahora areba ibyiza. Ugucya ko mu maso ndetse n'imvugo bizaba igihamba kidashidikanywa cy'umuntu wese ukunda kandi akubaha Ijambo ry'Imana. Abayuda bo mu gihe cya Kristo ntibari bazi gutandukanya ibyo bintu. Amategeko yahawe Mose bayahaga ubusobanuro bw'uko amahame y'Ibyanditswe byera yagombaga kwerekeza umuntu. Bayandikaga ku bice by'impu maze bakayatamiriza ku mitwe yabo no ku bikonjo, ariko ntibyatumaga bayashyira mu bwenge bwabo no mu mutima. Iyo mizingo bayitwaraga gusa nk'ibimenyetso kugira ngo abantu babarebe. Abayitwaraga bigaragazaga batyo nk'abiyeguriye Imana ngo bitume babubaha. Yesu acyaha cyane iyo myifatire agira ati :

« Bakorera imirimo yabo kugira ngo babarebe. » Bityo, n'impapuro bambara zanditsweho amagambo y'Imana barazagura, bakongera inshunda z'imyenda yabo, kandi bakunda imyanya y'imbere mu birori, n'intebe z'icyubahiro mu masinagogi, no kuramukirizwa mu maguriro, no kwitwa n'abantu Rabi. Ariko mwebweho ntumuzitwe Rabi : kuko Umwigisha wanyu ari umwe, namwe mwese muri abavandimwe. Kandi ntumukagire umuntu wo mu isi mwita Data; kuko So ari umwe, ari uwo mu ijuru. Kandi ntumuzitwe abakuru, kuko umukuru wanyu ari umwe, ari Kristo. » Aya magambo y'Umukiza yagaragazaga neza kamere yabo y'ubwirasi, yahoraga irarikiye imyanya yo hejuru n'icyubahiro, bakagaragaza ukwicisha bugufi k'uburyarya mu gihe umutima wabaga wuzuyemo ubugugu n'ishyari. Iyo batumirwaga mu birori, abatumirwa bicazwaga hakurikijwe imyanya y'ibyahiro byabo; kandi ababaga bicajwe mu myanya y'icyubahiro, ni bo bitabwagaho by'umwihariko. Abafarisayo bakoraga ibishoboka byose ngo ibyo byubahiro babibabwirako; nuko Yesu arabibacyahira.

Acyaha ubwirasi bwabo, bwabateraga kurarikira icyubahiro cya Rabi, aribyo bisobanura umwigisha. Icyubahiro kimeze gityo, Yesu yavuze ko nta muntu

n'umwe ugikwiriye; ni icya Kristo wenyine. Abatambyi, abanditsi, abakuru n'abigishamategeko bose bari abavandimwe bafite se umwe. Yesu yabumvishaga ko nta muntu n'umwe ukwiriye guhabwa icyubahiro cyo kugira uburenganzira ku mutimanama cyangwa ku kwizera k'undi muntu.

Iyaba Kristo yari hano ku isi muri iki gihe, azengurutse n'abantu bafite amazina y'igitinyiro n'ibyubahiro by'ubuyobozi bw'idini ntiyasubira muri aya magambo ye ngo : « ntumukitwe bakuru, kuko umukuru wanyu ari umwe, ari Kristo ? » Ibyanditswe Byera bivuga Imana bigira bita : « Izina ryayo ni iryera ni iryo kubahwa.³ » Ni muntu uki ukwiranye n'iryo zina ? Umuntu wamusangamo ubwenge no gukiranuka bigerwa bidakwiranye n'iryo zina. Abenshi mu bitirirwa iryo zina, imibereho yabo isuzuguzwa izina n'imico by'Imana. Nyamara se akenshi ubwirasi bw'isi, gutwaza igitugu n'ibyaha bibi ntibihishwe mu mitako y'abantu bashinzwe imirimo y'icyubahiro yejeje ? Yesu akomeza kubabwira ati :

« Umuntu ushaka kuba uw'imbere, nabe inyuma ya bose, ndetse abe n'umugaragu wa bose. » Inshuro nyinshi Yesu yigishaga ko ubukuru bushimwa, bugaragazwa n'ibikorwa by'umuntu. Mu maso y'ijuru ubukuru mu mico bwerekanwa n'imibereho yiyeguriye kugira neza, ari byo gusohozwa imirimo y'urukundo n'impuhwe. Kristo Umwami w'icyubahiro, yemeye kuba umugaragu w'abantu baguye.

Yesu yaravuze ati : « Mwebwe banditsi n'abafarisayo mwa ndyarya mwe muzabona ishyano; kuko mwugarira ubwami bw'ijuru kugira ngo abantu batabwinjiramo; namwe ubwanyu ntimwinjiremo, kandi n'abashaka kwinjiramo ntimubakundire. » Kubera gusobanura Ibyanditswe byera mu buryo butari bwo, abatambyi n'abanditsi bahumishaga imitima y'abari kuzamenya ubwami bwa Kristo, iyo bataza kubwirwa ubwo busobanuro bupfuye, maze bakagira imibereho y'imbere ishimwa n'Imana, kuko ari yo ikenewe kugira ngo umuntu agire ukwera nyakuri.

« Mwebwe banditsi n'abafarisayo mwa ndyarya mwe muzabona ishyano kuko murya ingo z'abapfakazi, kandi mugakomeza kuvuga amasengesho y'urudaca muryarya : Nicyo gituma muzacirwaho iteka ruruta ayandi. »

Abafarisayo bashyiraga ingufu kuri rubanda kubw'inyungu zabo. Bigaruriraga imitima y'abapfakazi bafite kwizera maze bakabumvisha ko inshingano yabo ari

ukwegurira ibyo batunze ibikorwa by'idini. Nuko ayo mafaranga yagera mu maboko yabo, kuko bari indyarya bakayikoreshereza imirimo yabo bwite. Maze kugira ngo bahishire ibikorwa byabo bibi, bakavuga amasengesho maremare bari mu ruhamu, kandi bakirata ibikorwa byabo byo kwera. Kristo yavuze ko ubwo buryarya bwabo buzabatera gucirwaho iteka rirusha ayandi kuba ribi. Ugucyaha nk'uko kwabwirwa abantu benshi bo muri iki gihe, birata ibikorwa byinshi byo gukiranuka kwabo. Imibereho yabo yandujwe no kwikunda n'ubugugu, maze ibyo byose bakabihisha mu mwambaro wo kwera; bityo, mu gihe gito bagashobora kubeshya bagenzi babo. Ariko Imana ntibeshywa. Izi ibitekerezo bya buri mutima, kandi izacira umuntu wese urubanza ikurikije ibyo yakoze.

Mu gucyaha ubuhemu bwabo adaciye iruhande, Kristo yitaye cyane ku kudapfobya inshingano z'abamwumvaga. Yacyashye inarijye ihatira abapfakazi gutanga impano zabo, hanyuma bakazikoresha uburyo bubi; mu gihe yari ari mu gushima umupfakazi watanze ituro ryari umutungo we wose ngo ujye mu butunzi bw'Imana. Nubwo umuntu yapfusha ubusa ituro ritanzwe, utanze we ntabwo yimwa imigisha y'Imana.

Yesu yari ahagaze mu gikari hafi y'isanduku yagenewe guturirwamo kandi yitegerezaga abaje gutura amaturo yabo. Nubwo abakungu bazanaga amaturo y'igiciro kinini cyane Yesu yabitegerezaga ababaye ku buryo atagize icyo avuga ku buntu bwabo. Mu kanya gato, mu maso he harabagiranishwa n'umunezero ubwo yabonaga umucyecuru w'umupfakazi aje ashidikanya atifuza ko hagira umubona. Mu gihe abakungu b'abirasi batambukanaga ibakwe, uwo mupfakazi yabazaga inyuma yicishije bugufi. Nyamara yari afite icyo yifuza gukora, nubwo ryari ituro rito yari aritangiye umurimo akunda. Yitegereza iryo turo yari afashe mu ntoke, nubwo ryari ubusa busa ugereraniye n'impano z'agahano z'abandi, ariko nibwo butunzi bwonyine yari afite. Muri ako kanya ajugunyamo ibiceri bibiri yari afite maze arahindukira ngo asubireyo; agihindukira ahuza amaso na Yesu Kristo wari umuhanze amaso.

Nuko Umukiza ahamagara abigishwa be, maze abumvisha ubukene bw'uwo mupfakazi. Nuko uwo mucyecuru yumva amagambo ya Yesu ngo : « Ni ukuri ndababwira ukuri ko uyu mupfakazi atanze byinshi kurusha abandi bose. » Nuko amaso y'uwo mucyecuru yuzurwamo n'amarira y'ibyishimo abonye ko igikorwa

cye gishimwe. Abandi bari kumugira inama yo kwigumanira ituro rye ritoya kuko iryo turo mu biganza by'abatambyi bahonjotse ntacyo ryari rimaze ugereraniye n'amaturu y'abakungu. Ariko Yesu we yitegereza umutima wamuteye gukora ibyo. Uwo mupfakazi yizeraga ko umurimo wo mu rusengeru washyizweho n'Imana ubwayo; kandi ko kubera ibyo na we akwiriye kugira icyo akora kugira ngo afatanye n'abandi uwo murimo. Yakoze icyo ashoboye cyose; nuko rero igikorwa cye cyakomeje kuba urwibutso uko ibihe bihaye ibindi, kandi ku iherezo kizamubera umunezero. Yatanganye ituro rye n'umutima we; ibyo rero ntibyabazwe mu gaciro k'amafranga ahubwo hakurikijwe urukundo akunda Imana n'ishyaka ry'umurimo wayo.

Avuga iby'uwo mupfakazi, Yesu yavuze ko arushije abatanze bose. Abakungu benshi bari batanze ibibasaze bafite umugambi wo kugira ngo barebwe n'abantu babashime. Impano zabo n'ubwinshi bwazo uko zangana kose, ntacyo zagabanyaga ku mukiro wabo; nta gaciro zifite gahwanye n'igitambo bagombye gutanga; kubw'ibyo rero ntaho zihuriye n'ituro ritagereranywa ry'uwo mupfakazi.

Ibidutera gutanga ni byo biha ibikorwa byacu agaciro nyakuri, bigashyirwa mu mwanya w'urukozasoni cyangwa se bikazamurwa mu rwego rwo hejuru rwo kubonera. Ibintu bikomeye birebwa n'amaso y'abantu kandi indimi zose zikabishima, si byo by'igiciro mu maso y'Imana. Inshingano nto zikoranywe umutima ukunze, impano zoroheje zitarimo kwirata, nubwo bisuzuguritse mu maso y'abantu, akenshi cyane ni byo by'igiciro cyinshi mu maso y'Imana. Imana ishimishwa n'umutima wuzuye kwizera n'urukundo, kuruta impano y'igiciro kinini. Nubwo yari yatanze bike, uwo mupfakazi yari yatanze ibyajyaga kumubeshaho byose. Yari yiyambuye ibyo kurya bye ubwo yatanganaga kwizera amasenge abiri yari atunze yonyine, kuko yari yizeye ko Data wa twese wo mu ijuru atazakunda ko yicwa n'inzara. Uwo mutima we wo kwiyanga n'uko kwizera kwimazeyo nk'uk'umwana muto, ni byo byateye Umukiza kumushima.

Hari abakene benshi bifuzaga kugaragariza ishimwe Imana yabo kubw'ubuntu bwayo n'ukuri kwayo kandi bagashima gukomeza umurimo wayo bafataniye n'abavandimwe babo bamerewe neza cyane. Ntabwo bikwiriye ko baca intege abantu nk'abo. Bakwiriye kubemerera kugira ngo babitse muri banki yo mu ijuru amasenge yabo. Amaturu nk'ayo, iyo aturutse ku mutima wuzuye urukundo

rw’Imana nubwo ari makeya bwose, izo mpano zera z’igiciro cyinshi zitera Imana kumwenyura kandi zikazana imigisha myinshi.

Amagambo ya Yesu yavuze kuri uwo mupfakazi, ntabwo avuga impano zo gutura gusa, ahubwo avuga n’ingaruka z’ituro nk’iryo. « Ibyo biceri by’amasenge abiri bihwanye n’ikuta», byashyize mu bubiko bw’Imana umutungo mwinshi kuruta amaturo menshi y’abo bayuda b’abatunzi. Imbaraga y’iryo turo rito ishobora kugereranywa n’isoko y’amazi iba ari ntoya aho ikomoka maze ikagenda iba ngari ari nako ifukura hasi igenda itemba uko ibihe bihaye ibindi. Yateye inkunga mu buryo igihumbi, ahumuriza abakene kandi akwirakwiza ubutumwa bwiza; icyitegererezo cy’icyo gitambo cyakoreye mu mitima ibihumbi, kandi kizakomeza kuyikorera mu bihugu byose kandi uko ibihe bihaye ibindi. Iryo turo ryakabakabye ku mitima y’abakire n’abakene bituma impano zabo zaraje kugwiza agaciro k’iyo mpano. Kubera imigisha y’Imana amasenge abiri y’umupfakazi yagize ingaruka zitangaje. Ni nako bigenda ku mpano yose no ku gikorwa cyose gitanganywe icyifuzo cyera cyo guhesha Imana icyubahiro. Ibyo bishyirwa mu migambi y’Ushobora byose. Kandi ku iherezo bizagira ingaruka nziza umuntu uwo ari we wese atashobora kugenera agaciro kayo.

Umukiza akomeza gucyaha abanditsi n’abafarisayo agira ati : « Mwa barandasi bahumye mwe, muzabona ishyano; mwebwe abavuga muti : Urahiye urusengero, ntacyo bitwaye, ariko ngo: urahiye izahabu yo mu rusengero azaba yibohesheje iyo ndahiro arahiye. Mwa bapfu mwe, mwa mpumyi mwe, ikiruta ikindi n’ikihe, ni izahabu cyangwa ni urusengero rwubahiriza izahabu ? Kandi ngo : urahiye igicaniro ntacyo bitwaye. Ariko urahiye ituro rikiriho, azaba yibohesheje iyo ndahiro arahiye. Mwa mpumyi mwe, ikiruta ikindi ni ikihe, ni ituro cyangwa ni igicaniro cyubahiriza ituro ?» Abatambyi basobanuraga ibisabwa n’Imana bakurikiza amategako yabo agoramye kandi apfuye. Biyumvishaga ko bashobora gushyiraho itandukaniro rifatika hagati y’ibyaha bifite uburemere butandukanye, bakagaragaza ko bimwe byoroshye naho ibindi bikaba bidashobora kubabarirwa, nyamara ari nabyo byoroheje hanyuma y’ibindi. Umuntu wabaga yarahize umuhigo yashoboraga kuwuhigura atanze amafaranga . Ibyaha bikomeye byashoboraga kubabarirwa utanze amafaranga menshi. Mu bundi buryo abatambyi n’abakuru bacaga amateka akomeye ku byaha bitanasobanutse.

« Mwebwe banditsi n’abafarisayo mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano : kuko mutanga kimwe mu icumi cy’isogi n’Anisi na Kumino, mukirengagiza amagambo akomeye yo mu mategeko, ni yo yo kutabera n’imbabazi no kwizera.

Ibyo mwari mukwiriye kubikora na bya bindi ntimubireke. » Umugambi w’aya magambo ya Kristo ntabwo wari uwo guciraho iteka umurimo wera, ahubwo kwari ukurwanya ubuhemu bakoraga bawitwaje.

Ihame ryo gutanga kimwe mu icumi ryari ryarashyizweho n’Imana kandi ryahereye kera cyane ryubahirizwa. Aburahamu sekuru w’abizera yatanze kimwe mu icumi cy’ibyo yari atunze byose. Abatware b’ishyanga ry’abayuda bari bafite ukuri mu nshingano yo gutanga kimwe mu icumi; nyamara bari bakwiriye kureka rubanda bakemezwa n’umutimanama wabo mu gusohozza iyo nshingano. Mu cyimbo cy’ibyo, bashyiraho amategeko y’igitugu adashoboka ateganya uburyo bwose bushoboka. Amategeko yashyizweho yari akomeye cyane ku buryo nta wari kubasha kuyubahiriza. Nta n’umwe washoboraga kwiyumvisha niba yashobora guhangana n’ayo mategeko yose. Ihame rikiranuka kandi ritunganye ryashyizweho n’Imana, ryahindutse umutwaro udaterurwa kubera amategeko y’abatambyi n’abigishamategeko.

Ibyo Imana itegeka byose bifite umumaro. Kristo yari azi inshingano yo gutanga kimwe mu icumi; nyamara yerekanye ko iyo nshingano idakwiriye kubuza izindi gukorwa. Abafarisayo berekanaga ko batunganye batanga kimwe mu icumi cy’imboga zimera mu mirima yabo nk’isogi, Anisi na Kumino, ibyo bikagaragaza agaciro ko kwera kwabo no kubonera; mu gihe amategeko yabo mabi agendana no kwiyiriza ubusa yarenganyaga rubanda akanabuzwa abantu kubaha amahame yera yashyizweho n’Imana ubwayo. Nuko imitima yuzuyemo imitandukanirize idasobanutse, ikajya kure yo kumenya ukuri gukenewe. Birengagizaga ibintu byangombwa byo mu mategeko, ari byo: Gukiranuka, imbabazi no kudahemuka. “Ibyo bari bakwiriye kubikora, na bya bindi ntibabireke.”

Andi mategeko, abigishamategeko bayahinduraga uko bishakiye muri ubwo buryo. Mose yari yarabuzaniye kurya inyamaswa yose yanduye. Inyama z’ingurube kimwe n’iz’andi matungo amwe namwe abuzaniye, kuko gukoresha inyama zayo byashoboraga kwanduza amaraso; maze ingaruka zikaba gukenyuka. Abafarisayo bo bari bararenze imbibi z’ubusobanuro nyakuri. Amazi yose akoreshwa yagombaga kumiminanwa isuku kugira ngo hataba harimo agasimba na

gato ko mu bwoko bw'inyamaswa zizira. Amategeko ameze atyo yari ahabanye cyane n'ugukabya kw'ibyaha byabo, nicyo cyateye Yesu kubwira abafarisayo ati : “Mwa barandasi bahumye mwe, mumunina umubu, ariko ingamiya mukayimira bunguri.”

“Mwebwe banditsi n'abafarisayo mwa ndyarya mwe! Muzabona ishyano kuko mumeze nk'ibituro byasizwe ingwa bigaragara inyuma ari byiza, nyamara imbere byuzuye amagufa y'abapfuye n'ibihumanya byose.” Nk'uko imva zisizwe ingwa kandi zirimbishijwe, zihisha amagufa n'umunuko wo kubora, ni nako ukwera kw'inyuma kwari guhishe ibyaha byo mu mitima y'abatambyi n'abakuru. Yesu akomeza agira ati:

“ Mwebwe banditsi n'abafarisayo mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano, kuko mwubaka ibituro by'abahanuzi, mukarimbisha inzibutso z'abakiranutsi, maze mukavuga muti : “Iyaba twariho mu gihe cya ba sogokuruza, ntituba twarafatanije na bo kuvusha amaraso y'abahanuzi. Uko niko mwihamya; ko muri abana b'abishe abo bahanuzi.” Kubera kugaragaza uko bubaha abahanuzi ba kera abayuda bagiraga umwete cyane wo kurimbisha imva z'abo bahanuzi; ariko ntibitaga ku nyigisho zabo, haba ngo bumvire no gucyaha kwabo.

Mu gihe cya Kristo, aho bashyinguraga abapf'u, hakorerwaga amasengesho y'imigenzo, kandi hatangirwaga amafaranga atabarika kugira ngo harimbishwe. Mu maso y'Imana icyo gikorwa cyari ugusenga ibigirwamana. Mu guha abapfu icyubahiro kirenze urugero, abantu berekanaga ko badakunze Imana n'umutima wabo wose, maze ngo bakunde bagenzi babo nk'uko bikunda. Uko gusenga ibigirwamana kw'icyo gihe no muri iki gihe cyacu kwabaye gikwira. Benshi birengagiza imfubyi n'abapfakazi, bakirengagiza abarwayi n'abatindi nyakujya, mu gihe bubaka inzibutso z'abapfuye zihenze cyane. Batanga amafaranga menshi bakora batyo, bagatanga igihe cyabo ndetse n'imbaraga zabo mu gihe birengagiza abakiri bazima ntibabakorere ibihwanye n'inshingano Kristo yabasobanuriye.

Abafarisayo bubakaga imva z'abahanuzi, bakazirimbisha; maze bakabwirana bati : Iyo tuza kubaho mu gihe cya ba sogokuruza ntituba twarafatanije

na bo kumena amaraso y'abagaragu b'Imana. Nyamara mu gihe bavugaga batyo, bari mu mugambi wo kwica Umwana wayo. Ibi byabereyeho kutubera isomo no gufungura amaso yacu kugira ngo twitegereze uburiganya satani akoresha kugira ngo ashobore kuyobya abatera umugongo umucyo w'ukuri. Benshi bagera ikirenge mu cy'abafarisayo; bubaha abapfuye bafite kwizera, maze bagatangara babonye ubuhumyi bw'abayuda banze Kristo. Baravuga bati : Iyo tuza kuba twarabayeho mu gihe cye, tuba twarakiranye umunezero inyigisho ze, kandi ntabwo tuba twarafatanije n'abishe Umukiza. Nyamara bene abo bantu barwanya ibyizerwa bakanga kumvira, iyo kumvira Imana gusaba kwiyanga no kwicisha bugufi. Iyo bakoze batyo baba bagaragaje umutima wari muri ba bafarisayo bamwe Kristo yacyashye atanonera.

Byari biri kure y'Abayuda gusobanukirwa n'inshingano iremereye bari bafite ubwo bangaga Kristo. Kuva ubwo amaraso y'umukiranutsi wa mbere yamenwaga, ubwo Abeli yicwaga na Kaïni, amateka nk'ayo yagiye agarukirana n'ibyaha bikarushaho kugwira. Buri gisekuru cyose cyagize abahanuzi bacyo, kandi amajwi yabo yacyashye ibyaha by'abami n'abatware udasize na rubanda, ari nako bavuga ubutumwa bw'Imana nk'uko ubushake bwayo buri, nubwo byashyiraga ubugingo bwabo mu kaga. Uko ibihe bihaye ibindi, igihano giteye ubwoba cyagiye cyirundanya ku banga umucyo n'ukuri. Noneho abanzi ba Kristo bari bagiye kwigereka ku mutwe iryo teka ribi. icyaha cy'abatambyi n'abakuru cyarutaga cyane iby'abababanjirije. Mu kwanga Umukiza, bari bigeretseho umutwaro w'amaraso y'abakiranutsi bishwe uhereye kuri Abeli ukageza kuri Kristo. Bari bagiye kuzuza igikombe cy'ubugome maze bugasandara ku mitwe yabo nk'iteka rikiranuka ribaciriweho. Nicyo cyatumye Yesu ababurira muri aya magambo ngo :

“Uherye ku maraso y'Abeli umukiranutsi, ukageza ku maraso ya Zekariya mwene Berekiya mwiciye hagati y'Ahera cyane h'urusengero n'igicaniro. Ndababwira ukuri ko ibyo byose bizasohora ku b'iki gihe.” Abanditsi n'abafarisayo bumvaga Yesu bari bazi ko ayo magambo ari ay'ukuri. Bibukaga uburyo umuhanuzi Zekariya yishwe. Ubwo amagambo y'umuburo w'Imana yavaga mu kanwa ke nibwo umujinya wa kidayimoni wagurumanye mu mwami wanze kwihana, maze ategeka ko bica umuhanuzi Zekariya. Nuko amaraso ye asiga ikimenyetso kidasibangana ku mabuye yo mu gikari cy'urusengero ngo abe igihamya cy'ubuhakanyi bwa Isiraeli. Igihe cyose urwo rusengero rwagombaga kumara, ibimenyetso by'amaraso y'uwo mukiranutsi byari kuzajya bitakambira Imana

bisaba guhorerwa. Umushyitsi utewe n’ubwoba wakwiriye mu nteko nini yari iri aho igihe Yesu yarondoraga ibyo byaha biteye ubwoba.

Yesu ahanze amaso igihe kizaza, yongera kumvisha abayuda ko bazagenzereza abagaragu b’Imana nk’uko bagenje mu gihe cyahise, kubera kutihana kwabo, maze arababwira ati :

“Nuko rero kubw’ibyo ngiye kubatumaho abahanuzi n’abanyabwenge n’abanditsi bamwe muri bo muzabica abandi muzababamba, muzabakubitira mu masinagogi yanyu, muzabirukana mu midugudu yose bazajyamo.» Abahanuzi n’abanyabwenge, buzuye Umwuka wera no kwizera, nka Stefano, Yakobo n’abandi benshi bari bagiye gucirwaho iteka ndetse bakanicwa. Igihe kinini, ijwi rye ryahoraga ryoroheraye ryinginga noneho ubu bwo ryumvikanaga ricyaha kandi rica amateka. Abamwumvaga bose bahindaga umushyitsi. Ubwoba bwatewe n’amagambo ye ndetse n’indoro ntibyajyaga gusibangana iteka ryose.

Kristo yababazwaga n’uburyarya n’ibyaha by’urukozasoni abo abantu batsembeshaga imitima, bagashuka rubanda, bakanasuzugura Imana. Mu mwambaro w’uburyarya n’uburiganya abatambyi n’abakuru bari bambaye, Yesu yababonagamo ibikoresho bya satani. Kandi nubwo yacyahanaga icyaha ubukana, akanarakarira uburakari bukaze umutware w’umwijima Yesu ntiyigeze arambirwa, ntabwo yigeze yumvikanisha amagambo yo kwihorera. Uko niko n’umukristo usabana n’Imana kandi akagira ubugwaneza, n’urukundo n’imbabazi, azababazwa n’icyaha, ariko imibabaro ntabwo izamutera kugirira nabi abamugirira nabi. Nubwo akwiriye guhangana n’ab’imbaraga z’umubi zikururira kugwa mu cyaha, muri Kristo niho azakura imbaraga zihagije zo kwiyumanganya no kwitegeka.

Imbabazi mvajuru, zigaragara mu maso y’Umwana w’Imana igihe yitegerezaga buheruka urusengero n’abamwumvaga. Nuko araturika ararira n’agahinda kenshi, igihe yateraga hejuru agira ati : “Yerusalemu, Yerusalemu! Wica abahanuzi ugatera amabuye abagutumweho, ni kangahe nshaka kubundikira abana bawe nkuko inkoko ibundikira imishwi mu mababa yayo; ntimunkundire!” Iyo ni yo ntambara ibanziriza gutandukana. Umutima w’Imana ubwayo usa

n'usakaye muri aya maganya ya Kristo. Uko ni ukwikubura gutangaje k'urukundo rw'Imana kwahoraga kuzuye kwihangana kwinshi.

Abafarisayo n'abasadukayo na bo bari bazibwe iminwa. Nuko Yesu yongera guhamagara abigishwa be maze bitegura kuva mu rusengero, ariko atari nk'uwatsinzwe yirukanywe n'ababisha be, ahubwo nk'umuneshi utsinze urugamba kandi umaze gusoza umurimo we.

Imitima myinshi yagombaga kubika nk'ubutunzi amagambo y'ukuri yavaga mu kanwa k'Umukiza kuri uwo munsu utazibagirana. Ayo magambo yazanye muri bo ibitekerezo bishya, n'imigambi mishya: ikindi gitekerezo gishya cyari gitangiye. Nyuma yo kubambwa no kuzuka kwa Kristo, abo bantu barahaguruka barangiza inshingano z'ubutumwa bw'Imana buzuye ubwenge n'ishyaka bihwanye n'ubunini bw'umurimo. Ukuri kw'amagambo ya Kristo kwari kurimo ubutumwa bwakabakabye ku mitima maze bweyura imigenzo ya kera yari yarasigingije imibereho y'abantu ibihumbi. Imbere y'ubuhamya bwabo, inyigisho n'ubwenge bwa kimuntu, byagaragaraga nk'imigani itagira umumaro. Amagambo y'Umukiza yagize ingaruka nini mu nteko y'abantu bari bumiwe kandi bafashwe n'ubwoba igihe bamutegaga amatwi mu rusengero rw'i Yerusalemu.

Ariko Isiraeli nk'ishyanga ryanze Imana yaryo. Amashami kavukire y'Umwelayo yari ahwanyutse. Yongera guterera akajisho bwa nyuma mu rusengero imbere, maze Yesu avuga aya magambo ababaye ngo : “Dore inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka. Ndababwira ko mutazambona, uherye none, ukageza ubwo muzavuga muti: Hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka.” Kugeza icyo gihe Yesu yitaga urusengero inzu ya Se, ariko uherye ubwo Umwana w'Imana yari amaze gushingura ikirenge arenze inkuta zarwo, ubwiza bw'Imana bwari bwigendeye by'iteka ryose buvuye muri urwo rusengero rwari rwarubakiwe kuyihesha icyubahiro. Guhera uwo munsu imihango yajyaga kuhakorera yose nta busobanuro yari igifite, kandi imirimo yaho yari ihindutse urukoza soni.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 23; Mariko 12:41-44; Luka 20:45-47; 21:1-4.
2. Gutegeka kwa kabiri 6:8.
3. Zaburi 111:9.

*** **

68. MU BIKARI INYUMA Y'URUGO



Mu bantu bari bazamutse i Yerusalemu gusenga, harimo n'Abagiriki bamwe baje mu muni mukuru. Nuko begera Filipo w'i Betesida h'i Galilaya maze baramwinginga bati : «Mutware turashaka kureba Yesu. Filipo araza abibwira Andreya, noneho Andreya na Filipo baraza babibwira Yesu.¹»

Muri icyo gihe umurimo wa Kristo wasaga n'uwenda guseniyuka. Mu mpaka yagiranye n'abatambyi n'abafarisayo zarangiye abatsinze; nyamara ntibigeze bamwemera nka Mesiya. Bari batandukanye burundu. Mu maso y'abigishwa byasaga naho umurimo wakoze upfuye ubusa. Ariko umurimo wa Kristo wari wegereye iherezwa. Ikintu cy'ingenzi cyari giteye amatsiko ishyanga ry'abayuda ndetse n'isi yose, cyari kigiye kuba. Kumva uku kwinginga ngo : «Turashaka kureba Yesu. » Ryari nk'ijwi ry'isi itabaza iri mu kaga, mu maso ha Yesu hararabagirana, maze aravugaga ati : «Igihe kirasohoye ngo Umwana w'umuntu ahabwe ubwiza bwe. » Gusaba kw'abo Bagiriki imbere ya Yesu kwari impano y'umusaruro w'igitambo cy'igiciro cyinshi.

Abo bantu baje baturutse iburengerazuba kugira ngo barebe Umukiza mu isoza ry'umurimo we, nk'uko abanyabwenge baturutse iburasirazuba mu itangira ryawo. Igihe Kristo yavukaga abayuda bari baramazwe n'iby'irari ryabo ntibigeze bamenya ko yaje. Ariko abanyabwenge baturutse mu gihugu cy'abapagane, bagera ku kirugu bazanye impano zabo, maze baramya Umukiza. None abo bagiriki bashushanya amahanga, amoko n'abantu bo ku isi yose baza kureba Yesu. Uko niko abantu bo mu bihugu byose kandi b'ibihe byose, bazareherezwa ku kuza k'Umukiza. Bityo «abantu benshi bazaturuka iburasirazuba n'iburengerazuba, bicarane na Aburahamu na Isaka na Yakobo mu bwami bwo mu ijuru.²»

Aba bagiriki bari barumvise bavuga uburyo Kristo yinjiye i Yerusalemu, ahetswe n'indogobe. Bari barumvise inkuru ko Yesu yirukanye abatambyi n'abakuru mu rusengero kugira ngo yime ingoma ya Dawidi kandi atware ishyanga ry'Abisiraeli. Abagiriki bifuzaga kumenya ukuri k'umurimo we. Baravuze bati : « Turashaka kureba Yesu. » icyifuzo cyabo cyarumviwe. Igihe bagezaga icyifuzo cyabo kuri Yesu, yari mu rusengero mu gice gishobora kugerwamo n'abayuda bonyine; ariko Yesu asanga abagiriki mu rugo rw'inyuma arabaganiriza.

Igihe cya Kristo cyari kigeze ngo ahabwe ikuzo. Muri icyo gihe ipica y'umugarabira yari imaze kumugaragarira; kumusanga kw'abagiriki kwamuhamirije ko igitambo cye cyegereje, kizarehereza ku Mana abahungu n'abakobwa benshi. Yari azi neza ko bidatinze abo Bagiriki bazamubona asuzuguritse kurusha igisambo Baraba w'umwicanyi, kandi ko bazarekura Baraba mu cyimbo cy'Umwana w'Imana, ko abatambyi bakuru bazashuka rubanda gusubiza ngo “ Nabambwe³”. Igihe bazaba babajijwe ngo : “Mbese Yesu witwa Kristo ndamugira nte?” Ariko na none Kristo yari azi ko kubw'icyo gitambo gitambiwe ibyaha by'abantu, ubwami bwe buzaba bwuzuye, maze bugakwira mu isi yose. Yagombaga gusozza umurimo w'Umuhuza kandi Umwuka we ukanesha. Amara akanya yitegereza ibizaba hanyuma ye, yumva amajwi atangariza mu isi yose ngo : “Nguyu Umwana w'intama ukuraho ibyaha by'abari mu isi.”⁴ Yitegereza abo banyamahanga, ababonamo umuganura w'umugarabira munini uzabaho, igihe urusika rwatandukanyaga abayuda n'abanyamahanga ruzaba rumaze gusenye maze amahanga yose n'indimi zose n'amoko yose bakumva ubutumwa bw'agakiza. Kubera gutegereza ugusohora kw'ibyiringiro bye, niko kwamuteye kuvuga aya magambo ngo : “Igihe kirasohoye ngo Umwana w'umuntu ahabwe ubwiza bwe.” Nyamara Yesu ntabwo yibagiye n'umwanya n'umwe uburyo uko kubahirizwa kuzagenda. Ugukoranywa kw'abanyamahanga b'abapagane kwagombaga kubaho hanyuma y'urupfu rwe. Kubw'urupfu rw'Umwana w'umuntu gusa, isi yashoboraga gukizwa; yari akwiriye gushyirwa mu butaka nk'imbuto y'ingano, yagombaga gupfa kandi agahambwa, ariko hanyuma akongera akabaho.

Kristo yifashishaga ibyaremwe kugira ngo yumvikanishe kandi asobanurire neza abigishwa iby'ahazaza. Ingaruka nyakuri y'umurimo we yajyaga kugaragazwa n'urupfu rwe. Yasobanuriye abigishwa be agira ati : “Ni ukuri ni ukuri, ndababwira ko iyo akabuto k'ishaka kataguye hasi ngo gapfe, kaguma konyine. Ariko iyo

gapfuye kera imbuto nyinshi.” Iyo akabuto k’ishaka kaguye mu butaka kagapfa, karamera kakera imbuto. Uko niko urupfu rwa Kristo rwagombaga kwera imbuto ubwami bw’Imana. Nk’uko bigenda mu mategeko agenga ibimera, niko n’ubuzima bwagombaga kuzaba imbuto z’urupfu rwe.

Abahinga ubutaka bahorana buri muni iyo pica imbere yabo. Uko umwaka utashye umuntu yizera kubona ibimutunga abiba imbuto ye mu buryo bugaragara. Ni ngombwa ko imbuto zimara igihe gito mu butaka zibereye mu burinzi bw’Umukiza. Nyuma haza umumero, hagakurikiraho ihundo naryo rikazana impeke. Nyamara ibyo byose bishoboka gusa ari uko imbuto yahambwe, maze ikajya ahatagaragara, kandi mu buryo bugaragara iba isa naho izimiye.

Iyo urubuto rutewe mu butaka rwera urundi rubuto na rwo rukongera kubibwa. Uko niko umusaruro ugenda wiyongera. Ni nako urupfu rwa Kristo i Kaluvari rwatumye habaho kwera imbuto y’ubugingo buhoraho. Kwitegereza icyo gitambo, bizazanira umunezero abazabeshwaho na we ubuzira herezo.

Akabuto k’ishaka kagumanye ubugingo bwako ntigapfe ntigashobora kwera imbuto. Kaguma konyine. Kristo iyo abishaka yari gucika urupfu, ariko yari kuguma ari wenyine. Ntabwo yari gushobora kuzanira Imana abahungu n’abakobwa. Mu kwigomwa ubugingo bwe ni byo byamubashishije guha ikiremwa muntu ubugingo. Mu kujya mu gitaka agapfa, nibwo yashoboye kuba imbuto yera umusaruro mwinshi, ari yo nteko nini y’abacunguwe n’Imana, bo mu mahanga yose, n’indimi zose n’amoko yose.

Kristo yahuje uko kuri n’icyigisho kigenewe buri wese cyerekeza ku kwiyanga ubwo yavugaga ati : “Ukunda ubugingo bwe arabubura, ariko uwanga ubugingo bwe muri iyi si azaburinda ageze mu bugingo buhoraho.” Abakorana na Kristo bese, bifuzwa kwera imbuto, bakwiriye kugwa mu butaka bagapfa. Ubugingo bukwiriye kubibwa mu mayogi y’ibikenewe n’abantu: Ni ukuvuga ngo kwikunda ndetse n’inyungu za muntu bigomba gupfa. Itegeko ryo kwitanga ni naryo tegeko ryo kubungabunga ubuzima. Umuhinzi abungabunga imbuto ze azinyanyagiza. Uko niko n’ubugingo bw’umuntu bumeze. Gutanga niko kubaho. Imibereho imeze ityo, yitangira umurimo w’Imana ndetse no gukorera abandi

izarindwa. Abatanga ubugingo bwabo ho igitambo muri iyi si kubw'urukundo bakunda Kristo, bazishimira ubugingo buhoraho.

Ubugingo nyirabwo akoresheje ku giti cye bumeze nk'imbuta iriwe, kuko ishira ntiyongere kororoka. Umuntu urundanya byose akabyikoreshereza mu nyungu ze bwite, azarama kandi azahaza ibyifuzo bye byose, ariko ubugingo bwe nibushira ntacyo azaba asigaranye. Itegeko ryo kwikunda ni na ryo tegeko ryo kwirimbuza.

Yesu yaravuze ati: “Umuntu nankorera, ankurikire, kuko aho ndi ariho n'umugaragu wanjye azaba: umuntu nankorera Data azamuha icyubahiro.” Abantu bose bikorera umusaraba wo kwitanga, bazafatanya na Yesu kuragwa ubwiza. Umunezero wa Kristo, no gucishwa bugufi kwe n'imibabaro ye byari mu bitekerezako ko abigishwa be bazaherwa ikuzo hamwe na we. Ni imbuto z'igitambo cye. Kuba bazagira imico nk'iyi n'umwuka we ni yo ngororano ye, uwo ni wo munezero we w'iteka ryose. Bazasangira na we uwo munezero babonye umusaruro w'umuhati wabo no kwitanga kwabo. Bazaba abafatanya na Kristo, kandi Data azabaha icyubahiro nk'uko yubaha Umwana we.

Ubutumwa bw'abagiriki mu kugaragaza ikoraniro ry'abapagani, byeretse umutima wa Yesu uko umurimo we wose ungana. Umurimo we wo gucungura uko wakabaye wanyujijwe imbere ye, uhaye igihe inama yo gukiza yashyirwagaho mu ijuru ukageza ku rupfu rwe rwari rwegereje. Igicu cy'agatangaza cyasaga n'ikigose Umwana w'Imana, cyijimishije abari bamuri iruhande bese. Yasaga n'uri mu iyerekwa. Hanyuma avuga aya magambo y'agahinda ngo: “None umutima wanjye urahagaze kandi navuga iki? Nti, Data, nkiza undokore iki gihe.” Kristo yari atangiye kunywera ku gikombe gisharira igihe kitaragera. Umubiri we wa kimuntu wari uri gutinya, igihe Imana yasaga naho igiye kumureka; ubwo amaso y'abantu bese azamubona nk'ukubiswe n'Imana, agacumitwa na yo, agahetamishwa n'imibabaro.” Yatewe agahinda, no kwibwira uburyo azaba igishungero cy'abantu nk'umugome mubi kandi akicwa urupfu rw'urukozasoni. Kwibwira intambara yari agiye kurwana n'imbaraga z'umwijima, kwikorera umutwari w'indengakamere w'ibicumuro bya bene muntu, n'umujinya wa Data wa twese agirira icyaha: ibyo byose ni byo byashenguraga umutima wa Yesu bigatuma mu maso he hasuhererwa hakamera nk'ah'uwapfuye.

Ku iherezo umutima wo kumvira ubushake bwa Data wa twese uranesha. Nuko Yesu aravuga ati : “Kandi ari byo byanzanye ngo nkigeremo? Data ubahiriza izina ryawe!” Urupfu rwa Kristo rwonyine gusa ni rwo rwashoboraga guhirika ubwami bwa satani. Ni muri ubwo buryo bwonyine rukumbi umuntu yari gushobora gucungurwa, kandi Imana igahabwa icyubahiro. Yesu yemera atyo kubabazwa. Yemera kuba igitambo. Igikomangoma cy’ijuru cyemera kwikorera ibyaha byacu. Aravuga ati : “Data ubahiriza izina ryawe!” Ijwi risohoka mu gicu cyari kiri ku mutwe we risubiza amagambo ya Yesu rigira riti : “Ndaryubahirije kandi nzongera kuryubahiriza.” Imana yari yarubahirijwe mu mibereho ya Yesu yose, uhereye igihe yari mu mvure ukageza igihe iryo jwi ryari rivuzwe, no mu bigeragezo byari gukurikiraho, no mu mibabaro yo mu bumana no mu bumuntu icyarimwe, ibyo byose nta gushidikanya byajyaga kubahiriza izina rya Data wa twese.

Mu gihe ijwi ryumvikanaga, umucyo wavuye muri icyo gicu maze ugota Kristo, bisa nk’aho ukuboko kw’imbaraga isumba byose kwifuzaga kumugotesha inkike y’umuriro. Abari aho babonye ibyo bagira ubwoba. Nta n’umwe watinyutse kuvuga. Bose bacecetse, amaso yabo bayahanga kuri Yesu, bameze nk’abadahumeka. Igihe Data wa twese amaze gutanga ubuhamya, cya gicu kiratamuruka kijya mu ijuru. Guhera ubwo isano igaragarira amaso hagati y’Imana Data n’Umwana we yari ihagaze.

«Abantu bahagaze aho babyumvise baravuga bati : Ni inkuba, abandi bati: ni malaika uvuganye na we.” Ariko abagiriki bari baje kureba Yesu bo kuko bose babonye icyo gicu, bakumva n’iryo jwi basobanukirwa neza icyo bivuze, kuko bamenye ko Kristo wabahishuriwe ari Intumwa y’Imana.

Ijwi ry’Imana ryari ryumvikanye, igihe Yesu yabatizwaga ubwo yari agiye gutangira umurimo we; na none ryongera kumvikana ari ku musozi, ubwo ishusho ye yarabagiranaga; none ubu ryongera kumvikana ubwa gatatu, igihe yari ashoje umurimo we ari kumwe n’abantu benshi kandi byari mu gihe kidasanzwe. Yesu yari amaze gusobanura ukuri kutavuguruzwa mu byerekeranye n’imibereho y’abayuda. Yari yabagejejeho irarika riheruka n’iteka ribarindiriyeye. Noneho uwo mwanya Imana yongera gushyira ikimenyetso ku murimo w’Umwana wayo. Imana yari

yemeje uwo abisiraeli banze. Yesu yarababwiye ati : “Iryo jwi ntirije ku bwanjye rije ku bwanyu.” Icyo cyari igihamya ndakuka cy’uko Kristo ari Mesiya, kikaba ikimenyetso gitanzwe na Data wa twese kugira ngo bamenye ko Yesu yavugaga ukuri igihe yavugaga ko ari Umwana w’Imana.

Kristo akomeza agira ati : “Ubu urubanza rw’ab’isi rurasohoye. Ubu umutware w’ab’isi abaye igicibwa. Nanjye nimanikwa hejuru y’isi nzireherezaho abantu bose. Ibyo yabivugiye kugaragaza urupfu yendaga gupfa urwo ari rwo.” Cyari igihe giteye ubwoba ku batuye isi. Yesu naba igitambo gikuraho ibyaha by’abantu, isi izamurikirwa. Satani azatakaza ubushobozi bwe yagiraga ku mitima y’abantu. Ishusho y’Imana yahanaguwe n’icyaha yongera kugarurwa mu bantu. Kandi umuryango w’abizera bejejwe uzinjira mu murage wo mu buturo bwo mu ijuru. Uwo ni wo musaruro w’urupfu rwa Kristo. Umukiza agumya kwitegereza ipica y’ugutsinda azagira arabukwa umusaraba, umusaraba w’urukozasoni kandi uriho amaraso, nubwo byari biteye agahinda, abona urabagiranishwa n’icyubahiro gitangaje.

Ariko rero, ntabwo umurimo wo gucungura umuntu ari yo ngaruka yo gupfira ku musaraba gusa. Urukundo rw’Imana rwagaragariye ibyaremwe byose. Umutware w’iyi si abaye igicibwa. Ibirego satani yareze Imana bikurwaho. Urubwa rwari rwashyizwe ku yo mu ijuru rukurwaho by’iteka ryose. Nuko abantu ndetse n’abamalaika bareherezwa ku Mucunguzi. Yesu yari yaravuze ngo : «Nanjye nimanikwa hejuru y’isi, nzireherezaho abantu bose.»

Nuko umwe mu bantu benshi bari bakikije Kristo igihe yavugaga aya magambo, aravugaga ati : «Twumvise mu mategeko ko Kristo azagumaho iteka ryose, none ni iki gitumye uvuga ngo : Umwana w’umuntu akwiriye kumanikwa? Ese uwo Mwana w’umuntu ni nde?» Nuko Yesu arabasubiza ati : «Hasigaye umwanya muto umucyo ukiri muri mwe. Nimugende mugifite umucyo butabiriraho mukiri mu nzira, kuko ugenda mu mwijima atamenya iyo ajya. Mwizere umucyo mugifite umucyo, kugira ngo mube abana b’umucyo.»

«Nubwo yakoreye ibimenyetso byinshi bingana bityo imbere yabo ntibamwizera.» Mu gihe kimwe bari babajije Umukiza bati : «Urakora kimenyetso ki ngo tukwizere?»⁵ Ibimenyetso bitabarika byari byaratanzwe, ariko abayuda bahumiriza amaso yabo kandi imitima yabo barayinangira. Ndetse n’igihe Data wa

twese yari amaze kuvuga, nta bindi bimenyetso bari bakeneye kubaza barinangira banga kwizera.

«Nyamara mu batware na bo benshi baramwizeye, ariko kubw’abafarisayo ntibabyerura ngo badacibwa mu isinagogi.» Bahisemo gushimwa n’abantu kuruta gushimwa n’Imana. Kugira ngo badakozwa isoni, bihakanye Kristo, bivutsa batyo impano y’ubugingo buhoraho. Uko ibihe bihaye ibindi hagiye habaho abantu bameze batyo. Kuri abo bantu bose, Umukiza ababwira amagambo y’uyu muburo ngo : «Ukunda ubugingo bwe azabubura, kandi unyanga ntiyemere amagambo yanjye afite umuciraho iteka. Ijambo navuze ni ryo rizamuciraho iteka, ku muni w’imperuka.⁶»

Bazabona ishyano kuko batamenye umunsi bagenderewemo! Nuko Yesu agenda gahoro ababaye. Aba avuye iruhande rw’urusengero by’iteka ryose.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 12:20-43.
2. Matayo 8:11.
3. Matayo 27:22.
4. Yohana 1:29.
5. Yohana 6:30. 6. Yohana 12:48.

*** *** ***

69. KU MUSOZI WA ELAYONO



Abatambyi n'abakuru¹ bari batewe ubwoba n'amagambo ya Yesu ngo : “Dore iyi nzu yanyu muyisigiwe ari umusaka.”² Mu gihe bari bameze nk'abatabyitayeho bumvaga hari akaga katagaragara kabugarije, kandi ntibashoboraga gutekereza ku buremere bw'ayo magambo. Mbese koko urwo rusengero rwiza rwari icyirakwa cy'iryo shyamba, rwari rugiyeho kuzahindurwa ikirundo cy'umusaka? Abigishwa bari bategerezanije igishyamba ko Yesu abaha ubusobanuro hanyuma kandi bafatanyaga n'abandi kwiyumvira uko bizagenda. Nuko ubwo bari basohotse mu rusengero bereka Yesu urufatiro n'ubwiza bw'iryo nyubako. Amabuye arabagirana y'umweru utanduye kandi amwe yari manini cyane. Igipande kimwe cy'urukuta cyari cyarananiranye ubwo ingabo za Nebukadinezari zahasenyaga. Imirimo yo kubaka yari yarakozwe neza ku buryo inyubako yose yasaga n'ibuye rimwe ryakuwe mu kirombe. Abigishwa ntibashoboraga kwiyumvisha uburyo inkuta zikomeye gutyo zabasha guhirikwa.

Mbega uko ibitekerezo bya Kristo byari bimeze igihe bamwirengagizaga banejwe no kumwerekako ubwiza bw'urusengero! Nubwo icyo bamweretse cyari igitangirirwa, yasubizaniye ikirundi ati: Ndabyitegereza rwose. Iyi nyubako ni agatangaza. Zino nkuta zirabagirana, zirabagaragarira nk'izidashobora gusenya, ariko rero nimwumye ibi ngibi : « Igihe kizagera ubwo hatazasigara ibuye rigeretse ku rindi ritajugunywe hasi. »

Aya magambo ya Kristo yari yumviswe n'abantu benshi, nuko ubwo yari yicaye wenyine ku musozi wa Elayono, Petero, Yohana, Andereya na Yakobo baza aho ari baramubwira bati : «Tubwire ibyo bizaba ryari kandi ikimenyetso cyo kuza kwawe ni ikihe n'icy'imperuka y'isi ni ikihe ?» Mu gisubizo cye, Yesu ntabwo yatandukanije kurimbuka kwa Yerusalemu n'umunsi ukomeye wo kuza kwe. Abagaragariza uko bizagenda muri ibyo bihe byombi, ariko areka abigishwa be ngo

bazabonereho kwimbika iby'icyo kibazo. Abo ntabwo bari kubasha kwihanganira kureba iby'ahazaza, iyo Yesu aza kubibahishurira nk'uko we ubwe yabirebaga. Nuko mu kuvuga ibyo kurimbuka kwa Yerusalemu amagambo ye ya gihanuzi yari arenze cyane iby'icyo gikorwa ndetse agera no ku mubabaro uheruka uzabaho, umunsi Uwiteka azava mu buturo bwe aje guhana isi y'abanyabyaha n'igihe isi itazabasha guhisha amaraso yavushije haba no guhisha abapfuye bayirimo. Ayo magambo ntabwo yari ay'abigishwa be bonyine ahubwo yari ay'abazakurikiraho mu gihe giheruka cy'amateka.

Kristo abwira abigishwa be ati : «Mwirinde hatagira ubayobya kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye bavuga bati : Ninjye Kristo bazayobya benshi.» Kuko abiyita Kristo bari kuzaduka bakora ibitangaza bahamya ko igihe cyo gucungurwa kw'ishyanga ry'abayuda gisohoye. Bajyaga kuyobya benshi. Aya magambo ya Kristo yarasohoye. Abiyita Kristo benshi baradutse mu gihe cyaciye hagati y'urupfu rwa Kristo no kugotwa kwa Yerusalemu. Uyu muburo urabwira n'abo muri iki gihe. Ibishuko byabanjirije kurimbuka kwa Yerusalemu byaroshye abantu uko ibihe bihaye ibindi kandi bizakomeza bityo.

«Muzumva iby'intambara n'impuha z'intambara, mwirinde mudahagarika imitima kuko ibyo bitazabura kubaho, ariko imperuka izaba itaraza.» Mbere yo kurimbuka kwa Yerusalemu abantu barwaniraga kubona isumbwe. Abami barishwe, bahotoye ibikomangoma byagombaga kuragwa ingoma; hariho intambara n'impuha z'intambara. Yesu yaravuze ati : Ibyo bikwiriye kubaho, ariko imperuka izaba itaraza. «Ishyanga rizatera irindi shyanga n'ubwami buzatera ubundi bwami kandi hazabaho inzara hamwe na hamwe n'ibishyitsi bizaba ku isi. Ibyo bizaba ari itangiriro ryo kuramukwa.» Kristo yaravuze ati: Ubwo abanditsi bazabona ibyo bimenyetso bazavuga ko ari urubanza rw'Imana ku mahanga akiranirwa kubera ko yashyize mu bubata ubwoko bwayo bwatoranijwe. Bazavuga ko ibyo bimenyetso bivuga ukuza kwa Mesiya. Ntimuzabyemere, ahubwo ibyo bimenyetso bizaba ari itangiriro ryo guca amateka yabo. Ntibashatse guhinduka ngo mbakize. Ibyo bita ibimenyetso byo gucungurwa kwegereje ahubwo ni ibimenyetso bitegurira ukurimbuka kwabo.

«Nuko ubwo nibwo muzababazwa kandi muzicwa, muzangwa n'amahanga yose kubw'izina ryanjye kandi nibwo benshi bazasubira inyuma, bazagambanirana bangane.» Abakristo bihanganiye iyo mibabaro yose. Ababyeyi bagambaniye abana babo, n'abana nabo bagambanira abayeyi ba bo. Inshuti zaragambaniranye, mu nama nkuru y'abayuda. Sitefano, Yakobo n'abandi benshi bazize akarengane.

Imana ikoresheje abagaragu bayo yahaye ubwoko bw'abayuda akanya gaheruka ko kwihana. Imana yigaragariye mu bahamya bayo ubwo babaga bafashwe mu manza zabo no mu gufungwa kwabo. Nyamara nubwo byagenze bityo abacamanza babahanishaga urwo gupfa. Mu kwica abo bantu batari bakwiriye ko isi bayibamo, Abayuda bari bamaze kongera kwibambira Umwana w'Imana. Ibi bizongera kubaho. Abategetsi bazaca amateka abuza umudendeko w'idini bihe uburenganzira bwari ubw'Imana yonyine, bibwire ko bashobora kugenga imitimanama y'abandi kandi ibyo ari ubutware bw'Imana yonyine. Ubu intangiriro y'ibyo bintu itangiye kugaragara; uwo murimo uzakomeza kugeza ubwo uzagera ku rugero rudashobora kurengwa. Imana izahagurukira gutabara ubwoko bwayo bw'indahemuka bwitondera amategeko yayo.

Igihe cyose akarengane kabayeho, ab'icyo gihe bajya mu ruhande rwa Kristo cyangwa bakamurwanya. Kugaragariza imbabazi abari kurenganywa ni ukwerekana ko wifatanije na Kristo. Abandi bagushwa n'uko amahame y'ukuri aza akanyuranya n'akamenyero kabo. Benshi baranyerera bakagwa bareka gushikama mu kwizera bahoze barwanirira kera. Hariho n'abandi bahinduka abahakanyi muri icyo gihe cy'ibigeragezo kugira ngo bakize amagara yabo bazashinja kandi bagambanire abavandimwe babo. Kristo yaratwihanangirije kugira ngo tutazatangazwa no gukonja k'urukundo no kubura impuhwe mu bantu banga umucyo.

Kristo yahaye abigishwa be ikimenyetso cyerekeye kurimbuka kwa Yerusalemu n'uburyo bazabasha guhunga agira ati : “Ubwo muzabona Yerusalemu igoswe n'ingabo muzamenye ko kurimbuka kwayo kwegereje. Nuko icyo gihe abazaba bari i Yudaya bazahungire ku misozi, n'abazaba bari i Yerusalemu bazayivemo kandi abazaba bari mu mirima ntibazinjire mu murwa, kuko ibyo bizaba ari igihe cyo guhora no gusohora kw'Ibyanditswe byera.” Uyu muburo watanze mu myaka mirongo ine mbere yo kurimbuka kwa Yerusalemu.

Igihe kigeze, abakristo barabyitondera kandi nta n’umwe muri bo waguye mu kurimbuka k’uwo murwa.

«Kristo yaravuze ati: Musengere kugira ngo guhunga kwanyu kutazabaho mu gihe cy’imbeho cyangwa ku munsu w’isabato.» Uwahanze Isabato ntabwo yayikuyeho ngo ayibambe ku musaraba. Urupfu rwa Yesu ntabwo rwakuyeho Isabato. Yagombaga kugumana kwera kwayo, imyaka mirongo ine nyuma yo kubambwa kwe. Mu myaka mirongo ine intumwa ze zagombaga gusengera kugira ngo guhunga kwabo kutazabaho ku munsu w’isabato.

Mu kurimbuka kw’i Yerusalemu, Kristo ahita yerekeraga ku kintu gikomeye kigomba gusozwa uruherekane rw’amateka ya bene muntu ati : Ukuza k’Umwana w’Imana mu cyubahiro no mu bwiza. Hagati y’ibyo bihe byombi Yesu yitegereza ibinyejana byinshi bicuza umwijima, ubwo itorero rye rizarangwa no kuvushwa amaraso n’amarira n’umubabaro mwinshi. Intumwa ntizari ziteguye kwihanganira kureba ibyo, maze Yesu agarukira ku magambo magufi ati: «kuko hazabaho umubabaro mwinshi utigeze kubaho kuva isi yaremwa kugeza ubu, kandi ntuzongera kubaho. Kandi iyo iyo minsi itaza kugabanywa, nta n’umwe wajyaga kurokoka; ariko kubw’intore z’Imana iyo minsi izagabanywa.» Akarengane katigeze kabaho kari kagiye kugera ku ntumwa za Kristo mu myaka isaga igihumbi. Abizera amamiliyoni n’amamiliyoni b’abahamya bari bagiye kwicwa. Kandi iyo Imana itarambura ukuboko kwayo ngo irinde ubwoko bwayo, bese bari gushira : «Ariko kubw’intore iminsi izagabanywa.» Umwami avugaga ibyo kugaruka kwe, mu rurimi rusobanutse kandi ababwira kwirinda akaga kazabanziriza kuza kwe. «Nihagira ubabwira ati : Kristo ari hano cyangwa ati: ari hariya ntumuzabyemere. Kuko hazaduka abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma; bazakora ibimenyetso bikomeye n’ibitangaza kugira ngo bayobye n’intore niba bishoboka. Mbibabwiye bitari byaba. Nuko nibababwira ngo ari mu butayu, ntumuzajyeyo, nibababwira ngo ari mu cyumba ntumuzabyemere, kuko nk’uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera aho rirengeraga, ni ko no kuza k’Umwana w’umuntu kuzaba.» Kristo yabahaye icyo kimenyetso kizagaragaza ukurimbuka kw’i Yerusalemu avugaga ati: “Abahanuzi benshi b’ibinyoma bazaduka kandi bazayobya benshi.” Koko rero abahanuzi benshi b’ibinyoma barahagurutse bayobya benshi, babajyana mu butayu.

Abamago n’abapfumu bihaye imbaraga ikora ibitangaza bajyana abantu mu misozi. Ariko rero ubu buhanuzi na none bwerekeranye no mu minsi y’imperuka.

Ikimenyetso nk’icyo kigomba kwerekana ukugaruka kwe. N’ubu abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bakora ibitangaza n’ibimenyetso kugira ngo bayobye n’intumwa. Mbese ntitujya twumva bavuga bati: “Dore ari mu butayu?” Mbese ibihumbi byinshi by’abantu ntibagiye mu butayu biringiye kuhasanga Kristo? Kandi mu materaniro menshi aho abantu benshi bibwira ko bagirana umushyikirano n’imyuka, ntitwumva bavuga bati : “Dore ari mu cyumba?” Aho niho higurwa iby’imyuka. Ariko Kristo aravugaga ati : “Ntimuzabyemere kuko nk’uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera aho rirengera, uko niko kuza k’Umwana w’umuntu kuzaba.”

Atanejewe no gutanga ibimenyetso byo kuza kwe, Umukiza yashyizeho igihe ubwo ikimenyetso cya mbere muri byo kizagaragara: «Hanyuma y’umubabaro wo muri iyo minsi, izuba rizijima, ukwezi na ko ntikuzava umwezi wako, n’inyenyeri zizagwa ziva mu ijuru n’imbaraga zo mu ijuru zizanyeganyega. Ubwo nibwo ikimenyetso cyo kuza k’Umwana w’umuntu kizaboneka mu ijuru, amoko yose yo mu isi azamuborogera, ubwo azabona Umwana w’umuntu aje ku bicu byo mu ijuru afite ubushobozi n’ubwiza bw’inshi. Azatumisha abamaraika ijwi ry’impanda bateranye intore ze mu birere bine uhereye ku mpera z’ijuru ukageza ku yindi mpera yaryo.»

Kristo yavuze ko hanyuma y’akarengane kenshi k’ubupapa, izuba rigomba kwijima kandi ukwezi nako ntigutange umwezi wako. Hanyuma inyenyeri na zo zibone kugwa. Kandi arongera arababwira ati : “Muzarebere ku mutini igihe amashami yayo ayumbije n’amababi akamera mumenya ko impeshyi yegereje. Nuko nimubona ibyo bibaye, muzamenye ko ari hafi ndetse ageze ku rugi.”

Kristo yatanze ibimenyetso byo kuza kwe. Ahamya ko dushobora kumenya igihe azaba ari hafi, ageze ku rugi. Yabivuze abwira abazabona ibimenyetso ati: “Ab’ubu bwoko ntibazashira kugeza aho ibyo byose bazarangirira.” Ibyo bimenyetso byaragaragaye. Turabizi mu bwenge ko kugaruka kwa Kristo kwegereje. “Ijuru n’isi bizashyira, ariko amagambo yanjye ntazashira na hato.”

Kristo azaza ku bicu byo mu ijuru afite ubwiza bw’inshi, ashagawe n’abamaraika barabagirana batabarika. Azaza kuzura abapfuye no guhesha

icyubahiro abakiranutsi bazaba bakiriho icyo gihe. Azaza aje kubahisha abamukunze no kujyana abakomeje amategeko ye. Ntabwo yabibagiwe, ntabwo yibagiwe isezerano rye. Ab'imiryango batandukanye bazongera guhura. Twitegereje abantu bacu bapfuye dushobora gutekereza igitondo kimwe ubwo «abapfuye bazazuka ubutazongera gupfa, natwe abariho tugahindurwa.³» Hasigaye igihe gito maze tugahindurwa tukabona Umwami mu bwiza bwe. Hasigaye igihe gito maze akaduhaganagura amarira yose ku maso yacu. Hasigaye igihe gito, maze akaduhagarika «imbere y'ubwiza bwe tudafite inenge ahubwo twishimye bihebuje⁴.» Niyo mpamvu, amaze kwerekana ibimenyetso byo kuza kwe yongeyeho ati : “Nuko ibyo nibitangira kubaho muzararamwe mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora.”

Nyamara ntabwo Kristo yamenyesheje abigishwa be umunsi n'isaha byo kugaruka kwe. Yababwiye ko atigeze ahabwa kubihishura. Iyo aza gushobora kubikora ntabwo biba byarabaye ngombwa ko abahugura ngo bahore bategereje. Hariho abibwira ko bazi umunsi n'isaha byo kugaruka k'Umwami wacu. Bagakora umugambi w'ahazaza n'umwete mwinshi. Ariko Yesu yababwiye kwirinda iryo futi. Igihe nyakuri cyo kugaruka k'Umwana w'umuntu ni ubwiru bw'Imana.

Noneho Kristo yerekana uko bizaba bimeze mu isi ubwo azaba agiye kugaruka, maze arababwira ati : “Uko byari biri mu minsi ya Nowa, niko bizaba no kuza k'Umwana w'umuntu; kuko nkuko mu minsi yabanjirije umwuzure, abantu bararyaga, baranywaga, barashyingirwaga, bageza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge, ntibabimenya, kugeza aho umwuzure waziye ukabatwara bose, niko kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba.” Biragaragara ko Kristo atasezeranye imyaka igihumbi hano ku isi, imyaka igihumbi abantu bazitegura kubaho kw'iteka ryose. Aratubwira ko Umwana w'umuntu azaza nko mu gihe cy'iminsi ya Nowa.

Mbese mu minsi ya Nowa byari byifashe bite? “Kandi Uwiteka abona ko ingeso z'abantu zari mbi cyane ku isi, kandi ko kwibwira kose imitima yabo itekereza ari kubi gusa iteka ryose.⁵” Abantu ba mbere y'umwuzure bari barateye umugongo Uwiteka Yehova, banga kugendera mu bubasha bwe bwera. Bashatse gukurikiza ibitekerezo byabo byononekaye. Ubu bugome bwaberekeje ku kurimbuka; mu gihe cya none isi irakurikira iyo nzira. Nta cyerekana ikinyagihumbi cy'icyubahiro. Abica amategeko y'Imana bujuje ibikorwa byabo

bibi mu isi. Ugusiganwa ku mafarashi, kwiyoberanya, imikino ya za tombora, indahiro no kwinezeza mu by'umubiri, irari ridashobora guhaga bidatinze ibyo byose biruzuza isi urugomo.

Ubwo Kristo yavugaga ibyo kurimbuka kw'i Yerusalemu, yaragize ati : “Kuko ubugome buzagwira, urukundo rwa benshi ruzakonja, ariko uwihangana akageza imperuka ni we uzakizwa. Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, kugira ngo buhamirize amahanga yose, nibwo imperuka izaherako ize.” Ubu buhanuzi buzongera gusohora. Igicumuro cyari kigwiriye icyo gihe cyarakomeye no mu gihe cyacu. Ni nako bizagenda mu kubwiriza ubutumwa bwiza bw'ubwami. Mbere yo kurimbuka kw'i Yerusalemu, Pawulo ayobowe n'Umwuka wera yashoboye kwandika ku butumwa bwiza «bwabwirijwe ibiremwa byose byo muni y'ijuru.⁶» N'uyu muni, mbere yo kugaruka k'Umwana w'umuntu, ubutumwa bwiza bw'ubwami bugomba «kwigishwa amoko yose, amahanga yose n'imiryango yose n'indimi zose.⁷» Imana «yashyizeho umuni ubwo izacira ab'isi urubanza.⁸» Kristo aratumenyesha igihe uwo muni uzazira. Ntavuga ko abantu bose bazihana, ahubwo ko «ubutumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, kugira ngo bubere amahanga yose ubuhamya, ubwo nibwo imperuka izaherako ize.» Mu kwigisha ubutumwa bwiza bw'ubwami mu isi yose, twahawe umurimo wo gutebutsa kugaruka k'Umwami wacu. Ntabwo dukwiriye gutegereza gusa umuni w'Umwami, dukwiye kuwutebutsa⁹. Iyo itorero rya Kristo riba ryaratunganiye inshingano yaryo ryahawe n'Umwami, isi yose iba yaramaze kuburirwa, kandi Umwami Yesu aba yaragarutse afite ububasha n'icyubahiro cyinshi.

Yesu amaze kwerekana ibimenyetso byo kuza kwe yaravuze ati : “Nuko namwe nimubona ibyo bibaye, muzamenye ko Umwana w'umuntu ari hafi ndetse ageze ku rugi. Nuko rero mujye muba maso kandi musenge iminsi yose.” Mu bihe byose Imana yagiye iburira abantu ubwo yabaga igiye guca amateka. Abakiriye ubutumwa bwatanzwe mu gihe cyabo maze bagakora nk'uko babwirijwe bumvira amategako yayo, babashize gucika umujinya n'iteka ryaciriwe abagome n'abatizera. Itegeko ryahawe Nowa n'iri ngo : “Injira mu nkuge n'ab'umuryango wawe kuko ari wowe nabonye ukiranuka mu maso yanjye muri iki gihe.” Nowa arumvira maze arakira. Ubwo butumwa bwageze no kuri Loti ngo : “Nimuhaguruke mugende kuko Uwitaka agiye kurimbura uyu mudugudu.¹⁰” Loti yishyira mu burinzi bw'intumwa zivuye mu ijuru, maze ararokoka. Uko niko no kurimbuka kw'i

Yerusalemu kwamenyeshejwe abigishwa ba Kristo. Ababaye maso kugira ngo basobanukirwe ikimenyetso cyo kurimbuka kwari kubugarije, bashoboye guhunga umurwa maze ntibarimbuka. Muri iki gihe kugaruka kwa Kristo ndetse no kurimbuka kugarije iyi si twabimenyeshejwe muri ubwo buryo. Ababyitondera bazakizwa.

Kubera ko tudashobora kumenya igihe cyo kugaruka kwe neza, twahawe itegeko ryo kuba maso. “Hahirwa abagaragu shebuja azasanga bari maso ubwo azagaruka.” Abategereza kugaruka kwa Kristo bari maso ntabwo bazaba abanabwwe. Gutegereza kugaruka kwa Kristo kubatera kubaha Uwiteka no gutinya amateka azacibwa abica amategeko kandi bakumva ari icyaha gikomeye kwirengagiza ubuntu bw’Imana. Abategereza Uwiteka bari maso bejeshya imitima yabo kumvira ukuri, kandi bakagira umwete mwinshi igihe bategereje. Bazi ko Umwami wabo ageze ku rugi, ni yo mpamvu bashaka gukorana n’abakozi b’Imana kugira ngo bakize imitima. Nk’ibisonga bikiranuka kandi by’ubwenge baha abagaragu ba shebuja «igerero ryabo mu gihe gikwiye.¹¹» Babwiriza ukuri gukwiranye n’igihe cyacu. Nk’uko Enoki, Nowa, Aburamu, Mose, bigishaga ukuri ko mu gihe cyabo, niko n’abagaragu ba Kristo ubu batanga umuburo uhwanyeye n’uwo ab’igihe cyabo bakeneye.

Ariko Kristo aratwerekaye undi mugabane w’abantu : “ariko umugaragu mubi niyibwira mu mutima we ati : Databuja aratinze, agatangira gukubita abagaragu bagenzi be no gusangira n’abasinzi, shebuja w’uwo mugaragu azaza umunsi atamutekereza n’igihe atazi.”

Umugaragu mubi avuga mu mutima we ati : “Databuja aratinze.” Ntabwo avuga ko Kristo atazaza. Ntabwo anyegaye igitekerezo cyo kugaruka kwe; ahubwo mu bikorwa bya by’ubwenge byo mu mutima we avuga ko shebuja atinze kuza. Akura abandi mu byiringiro by’uko shebuja azaza vuba. Imbaraga ye itera abantu kwiyehera no kwirengagiza, maze akabagumisha mu by’isi no mu gusigira kw’intekerezo. Irari ry’iby’isi n’ibitekerezo byononekaye ni byo byuzura mu mitima. Umugaragu mubi asangira n’abasinzi no kwishakira ibinezeza by’isi. Akubita abagaragu bagenzi be akabarega agaciraho iteka abubaha shebuja. Abasa bibumbira hamwe kugira ngo bice amategeko y’Imana. Ikoraniro cyangwa

kwishyira hamwe kwabo ryabo riteye ubwoba, umugaragu mubi azafatirwa mu mutego w'isi. «Shebuja w'uyu mugaragu azaza umunsi atamutekerezaga n'isaha atazi, azamucamo kabiri amuhanane n'indyarya.»

«Nutaba maso nzaza nk'umujura, kandi nawe ntuzamenya isaha nzagutungurira.¹²» Abigisha b'ibinyoma bazatungurwa no kugaruka kwa Kristo bazaba bavuga bati : “Ni amahoro n'amahoro nta kibi kiriho.” Nkuko abatambyi n'abigishamategeko babigenzaga mbere yo kurimbuka kwa Yerusalemu, bizeza itorero iminsi y'amahirwe menshi n'icyubahiro cy'isi. Uko niko basobanura ibimenyetso by'ibihe. Nyamara ubuhanuzi bubavugaho iki? «Kurimbuka kuzabatungura.¹³»

Umunsi w'Uwiteka uzatungura abantu bose bari ku isi nk'umutego, abantu bibwira ko iyi si ari ubuturo bwabo buhoraho. Azabazaho nk'umujura ugenda nijoro.

Isi yuzuye ubusambanyi n'ibinezeza bibi isinziriye mu mahoro y'umubiri gusa. Abantu bigizayo umunsi wo kuza k'Uwiteka. Bakerensa imiburo bahabwa. Mu gasuzuguro kabo baba bavuga ko uherye ku kuremwa kw'isi byose bihora uko byari biri. » «Tuzinezeza none kandi n'ejo tuzakomeza dutyo!¹⁴» Tuzarushaho kwinezeza. Ariko Kristo aravuga ati : “Dore ndaza nk'umujura.¹⁵” Mu gihe isi izaba ibazanya agasuzuguro ngo : «Isezerano ryo kuza kwe riri he?», ibimenyetso bizaba bisohora. Igihe umukobanyi wanga ukuri akomeje kwigerezaho, igihe buri wese ashaka amafaranga mu buhemu, igihe biga byose uretse Bibliya; mu bihe nk'ibyo nibwo Yesu azabatungura nk'umujura.

Umuvurungano mwinshi uri mu isi. Ibimenyetso by'ibihe biragaragara cyane. Ibigiye kuba biratugezaho igicucu cyabyo. Umwuka w'Imana arakurwa mu isi buhoro buhoro, kandi haba ku butaka cyangwa mu nyanja, ishyano rirasimburwa n'irindi shyano. Hariho imiraba, ibishyitsi, imiriro itagira kizimya, imyuzure n'ubwicanyi bwose. Ni nde wabasha kumenya ibigiye kuba? Amahoro ari he? Nta cy'ukuri haba ku muntu cyangwa ku isi. Abantu barihutira gufata umwanya muni y'ibendera ryo guhitamo kwabo. Bategerezanya amatsiko uruhushya rw'abatware babo. Mu ruhande rumwe hari abategereje Umwami bari maso kandi bakora; mu rundi ruhande hari abari muni y'ubutware bw'umuhakanyi ruharwa. Bake gusa ni


bo bizera n’umutima wabo wose ko hariho Gehinomu bakwiriye kwirinda, hakabaho n’ijuru bakwiriye gukorera.

Akaga kararushaho kuturya isataburenge. Izuba rirakomeza urugendo rwaryo rusanze n’ijuru na ryo rirakomeza kuvuga icyubahiro cy’Imana. Abantu bararya kandi baranywa, barahinga kandi bakubaka, bararongora kandi barashyingira abana babo nk’uko byahoze. Abacuruzi bararangura kandi bakagurisha. Abantu baracyarwanira imyanya myiza. Abakunda imikino baricara mu nzu y’imikino, ku bibuga basiganirwaho no mu mazu y’imikino. Mu gihe isi iri mu muvurungano mwinshi, igihe cy’imbabazi z’Imana kigeze ku iherezo, kandi ahazaza h’iteka ha buri wese hagiye gushyirwaho by’iteka ryose. Satani arabona ko igihe cye ari kigufi. Yashyize abakozi be ku mirimo kugira ngo bayobye kandi bashuke abantu, babahuzahuze kugeza ubwo igihe cy’ubuntu kizaba kirangiye ubwo urugi rw’imbabazi ruzaba rwakinzwe by’iteka ryose.

Mu binyejana byinshi, umuburo ukomeye w’Umwami wacu yatangiye ku musozi wa Elayono, utugeraho ngo : “Ariko mwirinde imitima yanyu ye kuremererwa n’ivutu no gusinda n’amaganya y’iyi si uwo muni ukazabatungura nk’umutego.” «Nuko mube maso kandi musenge ubudasiba kugira ngo muzarokoke ibigiye kuba no guhagarara imbere y’Umwana w’umuntu mudatsinzwe.»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 24; Mariko 13; Luka 21:5-38.
2. Matayo 23:38.
3. 1 Abakorinto 15:52.
4. Yuda 24.
5. Itangiriro 6:5.
6. Abakolosayi 1:23.
7. Ibyahishuwe 14:6,14.
8. Ibyakozwe n’intumwa 17:31.
9. 2 Petero 3:12.
10. Itangiriro 7:1; 19:14.
11. Luka 12:37,42.
12. Ibyahishuwe 3:3.
13. 1 Abatesalonike 5:3.
14. 2 Petero 3:4; Yesaya 56:12.
15. Ibyahishuwe 16:15.

70. UMWE MURI ABA BATO CYANE



“Ubwo Umwana w’umuntu azazana n’abamaraika bose afite ubwiza bwe, nibwo azicara ku ntebe y’ubwiza bwe. Amahanga yose azateranirizwa imbere ye. Azabatandukanya.” Uko niko yasobanuriye abigishwa be igikorwa cyo ku muni ukomeye w’urubanza ubwo yari ahagaze ku musozi wa Elayono. Agaragaza ko icyemezo cye kizashingira ku kintu kimwe. Igihe amahanga azaba ateranirijwe imbere ye, hazaba hari imigabane ibiri yonyine kandi buri wese azagaragazwa n’ibyo azaba yarakoreye cyangwa yarirengagije gukorera Umwami mu byo yagiriye abakene n’imbabare.

Kuri uwo muni, aho kugira ngo yereke abantu igikorwa yabakoreye mu gutanga ubugingo bwe kubwo gucungurwa kwabo, azagaragaza igikorwa baba baramukoreye bakiranutse. Abazaba bari iburyo bwe azababwira ati : “Nimuze, abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw’isi. Kuko nari nshonje mukangaburira, nari mfite inyota mukampa icyo kunywa, nari umushyitsi muranshumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika nari ndwaye muransura, nari mu nzu y’imbohe muza kundeba.” Ariko abo Yesu yabwiraga iby’iryo shimwe, ntibazi imirimo bamukoreye. Ku bibazo byabo byari bibahangayitse, yarasubije ati: “ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene data aba boroheje inyuma y’abandi ari jye mwabikoreye.”

Yesu yari yabwiye abigishwa be ko bazangwa n’abantu bose, barenganywe kandi bababazwe. Benshi bari kuzirukanwa mu ngo zabo, kandi bakagirwa abatindi. Benshi muri bo bari kuzajya mu kaga k’uburwayi no kwirirwa ubusa. Benshi bari kuzashyirwa mu nzu z’imbohe. Ariko abasigaga inshuti zabo cyangwa imiryango yabo kubera urukundo bamukunda yabasezeraniye ko mu bugingo buzaza bazabirihwa inshuro ijana. Noneho asezeranira umugisha w’umwihariko, abantu

bose bazakora igikorwa cy'urukundo bakorera bene data bagenzi babo. Yesu yaravuze ati: Muri buri wese ubabazwa azira izina ryanjye, mukwiriye kumenya ko ibyo ari jye biba bikorewe.

Icyo mwari mukwiye kunkorera muzabe ari bo mugikorera. Bityo, muzaba muhamije ko muri abigishwa banjye by'ukuri.

Ababyawe ubwa kabiri bose, binjiye mu muryango w'ijuru, kandi ni abavandimwe b'Umwami wacu. Urukundo rwa Kristo ruhuza abantu n'abandi bakaba bagize umuryango; aho urwo rukundo rwigaragaza hose, iyi sano y'ubumana iba ishinze imizi.“ «Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana, kandi azi Imana.²»

Birashoboka ko abo Kristo yashimye ku muni w'amateka, bazaba atari abantu b'abahanga cyane mu buhanga bw'iyobokamana ariko babibye amahame y'Imana. Kandi kubera imbaraga y'Umwuka wera w'Imana, bakoreye ababakikije igikorwa cyo kugira neza. Ndetse no mu bapagani harimo abakoze imirimo myiza, batari banumva amagambo y'ubugingo, bagiriye urukundo abavugabutumwa kandi baranabafashije no mu gihe ubugingo bwabo bwari bugiye kujya mu kaga. Hariho abapagane basenga Imana mu bujiji, kuko abantu batabagejejeho umucyo; aba ntibazarimbuka! Niba batazi amategeko yanditse, bumvise ijwi ry'Imana rivuganira nabo mu byaremwe, maze bakora ibitegekwa n'amategeko. Imirimo ya bo igaragaza ko imitima yabo yakiriye Umwuka Wera, ni yo mpamvu bemerwa nk'abana b'Imana.

Mbega gutangara n'umunezero bizagirwa n'abo bantu baciye bugufi bo mu mahanga yose ndetse no mu bapagane ubwo bazumva amagambo y'Umukiza ngo : «Ndababwira ukuri ko ubwo mwabikoreye umwe muri bene data aba borohereje bari hanyuma y'abandi, ari njye mwabikoreye.» Kandi uzaba ari umunezero ungana iki uzuzura mu mutima wa Rukundo rutagereranywa igihe azumva abigishwa be batangaye kandi banejwe no kwakirana ishimwe amagambo ye.

Ariko ntawe ukwiye kwibwira ko Kristo agenera urukundo rwe abantu bamwe. Yihuza na buri muntu wese utuye ku isi. Yahindutse umwe mu bagize umuryango wo ku isi kugira ngo dushobore guhinduka abagize umuryango w'ijuru. Nk'Umwana w'umuntu ni umuvandimwe w'abahungu n'abakobwa ba Adamu bose.

Abigishwa be ntibakwiriye kwiyumvamo ko ntaho bahuriye n'ab'isi bari gupfira hirya no hino habakikije. Bagize, umuryango munini wa bene muntu, ijuru ribabona ari abavandimwe b'abanyabyaha kimwe n'abakirantsi. Urukundo rwa Kristo rubumbatira ibiremwa byaguye by'inzererezi n'abanyabyaha; igikorwa cy'ubugwaneza kigendereye kubyutsa umutima wahabye, n'igikorwa cyose cy'impuhwe cyakirwa nkaho ari we gikorewe.

Abamaraika bo mu ijuru batumwa gukorera abazaragwa agakiza. Kugeza ubu ntituramenya abo ari bo; ntabwo umuntu abasha kureba ngo amenye uzaba umuneshi; uhamagariwe gusangira n'abera muri uwo mucyo; ariko abamaraika bo mu ijuru birukanka hirya no hino bashaka gukomeza abatentebutse, no kurinda abari mu kaga no gukiriza Yesu Kristo imitima. Nta muntu n'umwe wirengagizwa cyangwa ngo arekwe. Imana itarobanura abantu ku butoni yita cyane ku mitima yose yaremye.

Ubwu muzugururira urugi ab'umuryango wa Kristo bakennye cyangwa bababaye, bizaba ari nkaho mucumbikiye abamaraika batagaragara. Muzaba mwiteguriye kunezeranwa n'inteko itabarika y'ibiremwa byo mu ijuru. Bizana umwuka wejejwe w'amahoro n'umunezero ahabakikije. Bizana n'amagambo yo guhimbaza ku minwa yabo, kandi amajwi yabo aryoheye amatwi yumvikana mu ijuru. Igikorwa cy'impuhwe cyose gikorewe hano ku isi, kigezwa mu ijuru nk'indirimbo. Kandi ku ntebe ye y'ubwami, Data wa twese ashyira mu bubiko bwe bw'igiciro abakozi batihugiraho.

Abazajya ibumoso bwa Kristo kubera kuba barirengagije umukene n'indushyi ntibiyumvamo amafuti yabo. Bahumishijwe na Satani, ntibasobanukiwe n'ibyo bari bakwiriye gukorera bene se. Batwawe n'inyungu zabo bwite, ntibigeze bita ku bukene bw'abandi.

Imana yahaye abakungu ubutunzi kugira ngo bajye bahumuriza kandi bakomeze abana b'Imana bari mu kaga, akenshi cyane ntabwo bita ku bukene bw'abandi. Bumva ko baruta cyane abavandimwe babo b'abakene. Ntabwo bazi kwishyira mu mwanya wabo. Ntabwo basobanukirwa n'ibigeragezo n'intambara biba mu mutima w'umukene, nta mpuhwe na mba ziba mu mitima yabo. Mu mazu y'ibitabashwa n'insengero z'agatangaza, abakire bicazwa kure y'abakene, uburyo bahawe n'Imana kugira ngo bagire neza babupfusha ubusa bashaka guhaza irari

ry'ubwirasi bwabo. Uko bukeye n'uko bwije, abakene bavutswa inyigisho bari bakwiriye guhabwa zerekeranye n'imbabazi z'Imana zitagira akagero, kuko Imana yatanze ubugingo bw'inshi ku babukeneye. Abakene bashavuzwa n'ibinaniza imibereho yabo; bizabatera guhinduka abifuza, abanyeshyari, n'abatiringirwa. Abantu batigeze bumva na rimwe uburemere bw'ubukene, akenshi cyane banegura abakene kandi bakarebana imbabazi nke cyane abakene babumvisha ko bari hasi y'abandi.

Ariko Kristo areba ibyo byose akavuga ati : burya nijye wari ufite inyota kandi nshonje. Burya ninjye wari uri muri gereza, kandi ninjye wari umushyitsi n'indembe. Mu gihe mwari muri mu birori mukikije ameza ariho ibyo kurya by'agatangaza, icyo gihe nicwaga n'inzara mu kazu k'urwina cyangwa mu nzira zasibye. Mu gihe mwari mwinezererewe mu mazu y'ibitabashwa, njye ntabwo nari mfite aho ndambika umusaya. Nari nambaye ubusa igihe mwari murunze imyambaro y'agahano mu bubati bwanyu. Nababariraga muri gereza igihe mwari mwibereye mu munezero wanyu.

Igihe mwatanganaga ubugugu umutsima wanyu muha abakene bishwe n'inzara, kandi ubwo mwatangaga utwenda twacitse ngo murambika abishwe n'imbeho, mbese mwaba mwaratekereje ko mwabihaga Umwami w'icyubahiro? Mu gihe cy'imibereho yanyu cyose nabaga ndi kumwe namwe ngaragara muri za mbabare ariko ntimwanshatse. Mwanze gusabana nanjye, nuko nanjye simbazi.

Hariho ababona ko kujya gusura aho Yesu yabaye ari umwihariko munini, bakanyura mu nzira yanyuragamo bakitegereza ikiyaga cy'aho yakundaga kwigishiriza, ndetse bakareba udusozi n'ibibaya amaso ye yitegereje. Ariko si ngombwa kujya i Nazareti, Kaperinawumu cyangwa i Betaniya kugira ngo ugere ikirenge mu cya Yesu. Tuzabona intambwe z'ibirenge bye imbere y'uburiri bw'umurwayi, mu tururi tw'abakene, mu mayira nyabagendwa yo mu migi yacu minini, ahantu hose umutima w'umuntu ukeneye guhumurizwa. Mu kwigana ibyo Yesu yakoreraga hano ku isi, nibwo tuzaba tugeze ikirenge mu cye.

Buri wese ahafite umurimo. «Kuko abakene muri kumwe na bo iteka.^{3»} Niko Yesu yavuze; nta n’umwe ukwiriye kwibwira ko nta mwanya afite mu murimo we. Za miliyoni z’abantu ziri hafi kurimbuka zibohewe mu bujiji no mu byaha, kubera ko zitigeze zumva aho bavuga urukundo rwa Kristo. Iyo tuza kuba mu mwanya wa bariya bantu, twari kwifuzaga ko dukorerwa iki? Ubwo rero dufite inshingano idutegeka kubikora, mu rugero rw’ubushobozi bwacu. Itegeko ryashyizweho na Kristo, rizatuma duhagarara dushikamye cyangwa tugatsindwa ku muni w’urubanza ni iri ngo : “Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubibagirira namwe.^{4»}

Umukiza yatanze ubugingo bwe bw’igiciro kugira ngo ahange itorero rizita ku mitima ishavye kandi igeragezwa. Inteko y’abizera b’abakene batigishijwe kandi birengagijwe, ifashijwe na Kristo ishobora gukora igikorwa imuhira mu baturanyi, mu itorero, ndetse na kure, kandi umusaruro uzakomeza kugaragara kugeza iteka n’iteka.

Kubera ko uwo murimo wirengagijwe nicyo gituma abigishwa bakiri bato batarenga intangiriro y’ubunararibonye bwa gikristo. Umucyo wamurikiye imitima yabo igihe Yesu yababwiraga ati: “ibyaha byawe urabibabariwe,” bari bakwiriye kuwufata neza bafasha imbabare. Imbaraga za gisore akenshi zishyira urubwiruko mu kaga, zari zikwiye kwakira ubuyobozi butunganye bwigisha gukora ibyiza. Inarijye yakwibagirana maze bakagira umwete wo gukorera abandi ibyiza.

Umutahiza w’intama azahereza abagira umutima wo gukorera abandi. Bazanywa ku mazi y’ubugingo bashire inyota. Ntabwo bazifuza ibinezeza bibi cyangwa guhinduka ko mu mibereho yabo. Inyungu zabo zose zizaba zishingiye ku gukiza abarimbuka. Amasano bagirana n’abandi azabibabashisha. Urukundo rw’Umucunguzi ruzegeranya imitima ruyunge hamwe.

Igihe tuzaba tumaze gusobanukirwa ko turi abakorana n’Imana, ntabwo tuzirengagiza amasezerano yayo cyangwa ngo tuyasobanure ukundi. Ahubwo azahora mu mitima yacu kandi azajya ahora yumvikana ku minwa yacu. Igihe Mose yahamagarirwaga gukorera ubwoko bw’intumva butagonda ijosi kandi bw’abagome, Imana yamuhaye iri sezerano ngo : “Ubwanjye nzajyana nawe nkuruhure.” Kandi Uwiteka arongeraga aramubwira ati : “Ni ukuri nzabana nawe.^{5»}

Iri sezerano ribwirwa umuntu wese ukorera Kristo kugira ngo yite ku mbabare n'indembe.

Gukunda mugenzi wawe bigaragaza urukundo rw'Imana hano ku isi. Umwami w'icyubahio yishushanije natwe ashaka kugira ngo atugezeho urwo rukundo kandi atugire abo mu muryango umwe. Iyo twitondeye iri tegeko ryose riheruka ngo : “Mukundane nk’uko nabakunze,⁶” iyo dukunze abantu nk’uko yabakunze, nibwo tuba dushohoje umurimo we. Tuba twemerewe kuba ab’ijuru, dufite ijuru mu mitima yacu.

“Abajyanirwa gupfa ubarokore kandi abarindiriwe kwicwa ntubazibukire. Nuvuga uti : Dore ntitwabimenye; ntuzi ko Igera imitima ari yo ibizi? Irinda ubugingo bwawe ni yo ibimenya. Mbese ntizagororera umuntu wese ibihwanye n’ibyo yakozwe?⁷” Ku munsu ukomeye w’urubanza abatarakoreye Kristo, ahubwo bakabyihunza kugira ngo bihugireho, Umucamanza w’isi yose azabashyira hamwe n’inkozi z’ibibi : Bazahanwa kimwe.

Buri wese yahawe uwe murimo. Umutahiza w’intama azabaza buri wese, ati : “Umukumbi wari warahawe uri he? Kandi uzavuga iki ubwo azaguhana?⁸”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 25:31-46.
2. 1 Yohana 4:7.
3. Yohana 12:8.
4. Matayo 7:12.
5. Kuva 33:14; 3:12.
6. Yohana 15:12.
7. Imigani 24:11,12.
8. Yeremiya 13:20,21.

*** **

71. UMUGARAGU W'ABANDI



Kristo yari yicaranye n'abigishwa be mu cyumba cyo hejuru bari ku meza mu nzu y'i Yerusalemu¹. Bari bateranijwe no kwizihiza umunsi mukuru wa

Pasika. Kubw'uyu munsi mukuru, Umukiza yifuzaga kwihererana n'abo cumi na babiri bonyine. Yari azi ko igihe cye gisohoye; we Mwana w'intama wa Pasika by'ukuri, yari agiye gutambwaho igitambo ku munsi wa Pasika. Yari ari hafi yo kwiranguza igikombe cy'umujinya; bidatinze yari agiye kubatizwa umubatizo uheruka w'umubabaro. Ariko, yari agisigaranye amasaha make y'umutuzo, yashakaga gukoresha ngo yite ku bigishwa be yakundaga.

Imibereho yose ya Kristo yaranzwe n'umurimo wo kwita ku bandi. «Kuko ataje gukorerwa ahubwo yaje gukorera abandi.²» Iryo ni ryo somo ryavuye muri buri gikorwa cy'imirimo ye. Nyamara abigishwa be bari batarasobanukirwa n'iryo somo. Ni yo mpamvu Yesu yasubiye muri icyo cyigisho igihe basangiraga Pasika iheruka, arisobanura ku buryo ribasigira ikimenyetso kidasibangana mu mitima no mu bwenge bwabo.

Ibiganiro Kristo yagiranaga n'abigishwa be bakabishima, ubusanze byahoraga birangwa n'umunezero utuje. Amafunguro ya Pasika yabaga afurebyemo inyungu z'umwihariko, ariko icyo gihe cyo Kristo yari afite umutima uhagaze. Yasaga n'ubabaye no mu maso he hijimye. Igihe yari kumwe n'abigishwa be mu cyumba cyo hejuru, bamurebaga bakabona afite umutwaro mu mutima; ariko nubwo batamenye impamvu, batangira gusangira na we imibabaro.

Nuko ubwo bari bicaye bakikije ameza, ababwira n'ijwi ry'umubabaro ati : “Nifuje cyane gusangira namwe Pasika iyi ntarababazwa. Ndababwira ko ntazongera kuyirya kugeza aho izasohorera mu bwami bw'Imana. Yenda igikombe

aragishimira arababwira ati : “Mwende iki musangire.” Ndababwira ko uhereye none ntazanywa ku mbuto z’imizabibu, kugeza aho ubwami bw’Imana buzazira.

Kristo yari azi ko igihe cye gisohoye ngo ave ku isi asubire kwa Se. Nk’uko yakunze abe bari mu isi, azakomeza kubakunda kugeza ku mperuka. Igicucu cy’umugaraba cyari cyamugezeho, n’umutima we wari wamaze gushengurwa n’intimba. Yateganyaga ko abe bazamuhana igihe bazaba bumugambaniye. Yari azi ko agomba kwihanganira urupfu rubi ruhanishwa abagome. Yitegerezaga ubugome no kuba indashima by’abo yari yarazanywe no gukiza. Yari azi ukuntu igitambo yasabwaga gutanga ari kinini cyane; kandi ku bantu benshi icyo gitambo kizatangwa kikaba imfabusa. Yarebaga ibimutegereje byose n’ibisanzwe ku mubiri wagombaga kunanizwa n’uburemere bw’iyo mibabaro. Ariko yitegerezaga abo cumi na babiri bifatanije na we akaramata, bazasigara bivuruguta mu isi igihe imibabaro ye izaba irangiye. Igihe yatekerezaga imibabaro ye bwite ntiyibagirwaga abigishwa be. Nta na rimwe yitekerazagaho ku giti cye. Gusengera abigishwa be ni byo byabaga byuzuye umutima we.

Yesu yari afite byinshi byo kubwira abigishwa be muri uwo mugoroba wa nyuma bari kumwe. Iyo baza kuba biteguye kwakira ibyo yifuzaga kubaha byose, baba barashoboye kwivanamo umubabaro mwinshi, akayubi no kutizera. Ariko Yesu yari azi neza ko batiteguye kwihanganira ibyo ababwira byose. Amagambo y’imiburo no guhumuriza yagumye ku munwa we igihe yitegerezaga mu maso yabo. Rimwe na rimwe akamara umwanya acecetse... Yesu yasaga n’utegereje. Abigishwa bari babuze amahoro. Impuhwe n’urukundo byazanywe mu mutima wabo n’umubabaro wa Kristo biza gusa naho bihosheje. Amagambo y’agahinda Yesu yavuze arengereza ku mibabaro ye bwite yabaye nk’atagize icyo abatwaye cyane. Ubwabo barebanaga igitsure n’ishyari kandi barakaye.

«Maze havuka impaka muri bo ngo : Ninde muri bo ukwiriye gutekerezwa ko ari we mukuru?» Kristo yashavujwe cyane n’izo mpaka babyukije bari imbere ye. Abigishwa bari baragundiye igitekerezo cyababereye ingirakamaro ari cyo cyo kwibwira ko Kristo yari agiye guhamya ubushobozi bwe maze akima ingoma ya sekuruza Dawidi. Kandi buri wese muri bo yifuzaga guhabwa umwanya wa mbere mu bwami. Bari bipimye bigereranya ku bandi, aho kwibwira ko

abavandimwe babo babaruta ubwiza, bakabona ari bo mbonera. Mu gusaba icyubahiro cyo kwicara umwe iburyo undi ibumoso bw'intebe y'ubwami ya Kristo, Yakobo na Yohana bari babyukije uburakari bw'abandi bigishwa. Umutima w'urwango wari hafi kwinjira mu mitima y'abigishwa cumi basigaye, igihe batekereza ko abavandimwe babiri batinyutse gusaba imyanya ya mbere. Bari bafite umutima wo kumva ko bakerenshejwe, ko kumvira kwabo n'ubuhanga bwabo bidashimwa. Yuda ni we wagaragaje ubukana bw'inshi, arakarira Yakobo na Yohana.

Intumwa zinjira mu cyumba cyo kuriramo zifite ubukana bwuzuye mu mitima. Yuda yiyicaza ibumoso bwa Kristo, mu gihe Yohana yiyicaje iburyo bwa Yesu. Yuda yari yafashe icyemezo cyo gufata umwanya wa mbere akurikiye Kristo. Nyamara Yuda uwo yari umugambanyi !

Na none izindi mpaka zari zongeye kuvuka. Mu munsu mukuru, ubusanzwe umugaragu ni we ushinze koza ibirenge by'abashyitsi, kandi imyiteguro imeze ityo yari yaringaniye. Ikibindi cy'amazi, ibesani n'igitambaro cy'amazi byari bihari byiteguriwe umurimo wo kozanya ibirenge; nta mugaragu wari uhari, abigishwa ni bo bakwiriye kuza kubikora. Ariko nta numwe muri bo wari witeguye gukora umurimo wa kigaragu. Bose babonaga bitabareba, basaga naho nta n'umwe witeguye kugira icyo akora. Bose baturije icyarimwe banze kwicisha bugufi.

Mbese Kristo yashoboraga gukora ate ngo satani ye kubaherana rwose? Mbese yajyaga kubasobanurira ate ko kwitwa umwigishwa we bidahagije kumugira umwigishwa nyakuri no kumuhesha umwanya mu bwami bwo mu ijuru ? Mbese yari gushobora ate kubagaragariza ko icyubahiro nyakuri kigaragara mu mirimo y'urukundo no kwicisha bugufi? Yajyaga gushobora ate gushyira urukundo mu mitima yabo no gushobora kubasobanurira ibyo yifuzaga kubabwira? Nta cyifuzo na gito cyo gufashanya abigishwa bagaragaje. Yesu ategereza gato kugira ngo arebe icyo baza gukora. Nyuma arahaguruka ava ku meza nubwo ari we Mwigisha wavuye mu ijuru. Amaze kwiambura umwitero we kugira ngo utamubangamira mu bikorwa bye, akenyera igitambaro cy'amazi. Abigishwa bamwitegereza batuje, bafite amatsiko menshi. «Aherako asuka amazi ku mbehe, atangira koza ibirenge by'abigishwa no kubihanaguza igitambaro akenyeje.» Noneho amaso yabo arahumuka. Imitima yabo yuzura ipfunwe n'ikimwaro. Basobanukirwa neza n'uko bari. Basobanukirwa n'uko gucyaha gutuje.

Uko niko Kristo yahamije urukundo akunda abigishwa be. Kwikunda kwabo kwaramubabaje cyane, ariko ntiyashaka kujya impaka z'ibyo, ahubwo ahitamo kubaha icyitegererezo batazigera bibagirwa. Urukundo rwe yari abafitiye, ntirwacitse intege, cyangwa ngo ruhungabane. Yesu yari azi ko Se yamuhaye byose, kandi ko we ubwe akora nka Se, kandi ko ajya ku Mana.

Nubwo yari azi ko ari Imana, nyamara yiyambuye ikamba n'imyambaro ya cyami, maze afata ishusho y'umugaragu w'imbata. Uwo ni umwe mu mirimo iheruka yakoze mu mibereho ye ya hano ku isi.

Mbere ya Pasika, Yuda yari yongeye guhura n'abatambyi n'abanditsi ubwa kabiri, bavugurura amasezerano y'uburyo azabashyikiriza Yesu babyumvikanaho burundu. Nyamara, ibyo ntibyamubujije kwivanga mu by'abigishwa be, nk'umuntu w'intungane, mbese nkaho yitaye ku myiteguro y'uwo munsu mukuru. Abigishwa ntibari bazi namba imigambi ya Yuda. Yesu wenyine ni we wari uzi ibanga rye, ariko ntiyarihishura. Yesu yifuzaga cyane gukiza umutima wa Yuda. Yari amufitiye impuhwe nk'izo yagaragaje aririra umudugudu waciriweho iteka. Yibwiraga mu mutima ati : Nakureka nte ngo ugubweho n'ishyano? Yuda yumvaga imbaraga z'urwo rukundo zimuhata. Igihe ibiganza by'Umukiza byozaga ibirenge bye byanduye, bikanamuhanaguza igitambaro, ubwoba bwuzuye mu mutima wa Yuda, muri ako kanya yumva muri we igitekerezo cyo kwihana icyaha cye. Ariko yanga guca bugufi. Anangira umutima we kugira ngo atihana; imigambi ye mibi mu kanya yari amaze kwigizayo, yongera kuzura umutima we. Yuda ashavuzwa no kubona Kristo yoza ibirenge by'abigishwa. Aribwira ati: niba Kristo ashobora kwicisha bugufi kuriya, ni uko atari Umwami w'abisiraeli. Ibyiringiro bye byose byo kubona icyubahiro cy'isi mu bwami bwa Kristo birayoyoka. Yuda abona ko ntacyo azunguka mu gukurikira Kristo. Byamugaragariye ko Kristo yitesheje agaciro, yumva ko umugambi we wo kumwemera yari yaribeshye. Umudayimoni yari amaze kumwigarurira, amwumvisha ko icyemezo yafashe cyo kugambanira shebuja akwiye guhita agishyira mu bikorwa.

Yuda mu gufata umwanya wa mbere yicara ku meza, byatumye Kristo amwoza bwa mbere, nk'uko yari amenyereye gukora nk'umugaragu. Yohana uwo Yuda yari yagaragariye uburakari bwinshi asigara nyuma; ariko ntibyamubabaza.

Abigishwa bose batangazwa no kubona Kristo agize atyo. Igihe cya Petero kigeze, atera hejuru atangara ati : “Databuja ni wowe unyoza ibirenge!” Kwicisha bugufi kwa Kristo byamushenguraga umutima. Yari afite isoni zo kumva nta n’umwe muri bo watekereje gukora gutyo. Yesu aramubwira ati: “Ibyo nkora ubu ntubizi, ariko uzabimenya hanyuma.” Petero ntabwo yashoboraga kwihanganira kubona Umwigisha yemera ko ari Umwana w’Imana akora umurimo w’uciye bugufi. Umutima we urwanya kwicisha bugufi kumeze gutyo. Ntabwo yari yagasobanukirwa ko icyo ari cyo cyazanye Kristo mu isi. Ni yo mpamvu yateye hejuru ati : “Reka! Ntabwo nzemera na hato ko unyoza ibirenge.”

Nuko Kristo abwira Petero amwihanangiriza ati : “Nintakoza ntacyo tuzaba duhuriyeho.” Umurimo Petero yari yanze gukorerwa wari igishushanyo cyo kwezwa gukomeye. Kristo yari yazanywe no kweza imitima imyanda y’icyaha. Mu kwangira Yesu ko amwoza ibirenge, Petero yari yanze kwezwa gukomeye gushushanywa n’icyo gikorwa. Yari yanze Kristo atabizi. Kwemera kuhagirwa n’Umukiza, si ukumukoza isoni. Ukwicisha bugufi nyakuri bigaragazwa no kwakirana ishimwe igitanzwe cyose kandi tugakorana umwete umurimo wa Kristo.

Yumvise ayo magambo ngo : “nintakoza ntacyo tuzaba duhuriyeho.” Petero areka inarijye ye n’ibyo yibwiraga. Ntabwo yashoboye kwihanganira igitekerezo cyamutandukanya na Kristo, kuko ibyo byaba ari ugupfa. Niko kuvuga ati : “Databuja noneho ntunyoza ibirenge byonyine ahubwo uranyuhagira amaboko, unyoze n’umutwe.” Yesu aramubwira ati : “Uwuhagiwe nta kindi agomba uretse koga ibirenge ngo abe aboneye rwose.”

Aya magambo asobanura ibirenze kubonera k’umubiri. Kristo akomeza kuvuga ibyo kwezwa gukomeye kugereranywa no kozwa ibirenge, uwabaga amaze kwiyuhagira yabaga aboneye, ariko kuko ibirenge byambaye inkweto zidafunze ntibyandakira kuzurwaho n’umukungugu; bikaba ngombwa ko yongera kwiyuhagira. Petero n’abavandimwe be bari baruhagiriye ku isoko nini yafukuriye koza ibyaha n’amahumane yose. Kristo yari abazi ko ari abe. Ariko ikigeragezo cyari cyababoheye ku bibi, ku buryo bari bagikeneye ubuntu bweza. Akenyeye igitambaro ngo yoze umukungugu ku birenge byabo, Yesu yashakaga gukura mu mitima yabo urwangano, no kwifuza ndetse n’ubwirasi. Ibi byari bikenewe kuruta koza ibirenge byagiye umukungugu. Ukurikije uko imitima yabo yari iri, nta n’umwe muri bo wari witeguye gusabana na Kristo. Ntabwo bari biteguye gufatany

ibyo kurya bya Pasika cyangwa umurimo w'urwibutso Kristo yari agiye gushyiraho kugeza ubwo azaba ashyize mu mitima yabo kwicisha bugufi n'urukundo. Imitima yabo yari ikwiye kuhagirwa. Ubwirasi n'inarijye bibyara kwishyira hejuru n'urwango. Ariko Yesu atsemba ibyo byose aboza ibirenge. Imitima yabo irahinduka. Yesu ngo abitegereze yashoboraga kuvuga ati: «Muraboneye.» Ubumwe bwo mu mitima bwari bwongeye kugaruka, kimwe n'urukundo bakundana. Bari bamaze guhinduka abacisha bugufi boroheje. Buri wese uretse Yuda, yari yiteguye guha mugenzi we umwanya wa mbere. Noneho bashoboraga kwakira amagambo ya Kristo n'umutima unyuzwe wicisha bugufi.

Nuko rero natwe, nk'uko Petero n'abavandimwe be byabagendekeye, twajeshejwe amaraso ya Kristo; nyamara kwera kw'imitima yacu kwanduzwa n'igihe duhuye n'icyaha. Dukwiriye gusanga Kristo kugira ngo tubone ubuntu bwe bweza. Mu gihe Petero atiyumvishaga uburyo ibirenge bye byanduye bishobora gukorwaho n'ibiganza by'Umwami we n'Umukiza, igihe kinini twemerera imitima yacu yuzuye ibyaha n'imyanda ngo igirane umushyikirano n'umutima wa Kristo. None se, ni kangahe Umukiza aterwa agahinda n'imico yacu, n'ubwirasi bwacu ndetse n'ukwirarira? Nyamara ikidukwiriye ni uko twamuzanira ubumuga bwacu n'ibibi byose. Kuko ari we wenyine ubasha kutwoza rwose. Igihe rero tumaze kwezwana n'ubushobozi bwe, nibwo dushobora kwitegura gusabana na we.

Yesu abwira abigishwa be ati : «Muraboneye, ariko si mwese.» Yari yogeje neza ibirenge bya Yuda. Ariko umutima wa Yuda, ntabwo wari wamwiyeguriye, maze kubw'ibyo ntabwo wari wejejwe. Yuda ntiyari yiyeguriye Kristo.

Igihe Umwigisha yari amaze koza ibirenge by'abigishwa be, asubizamo umwitero we. Aricara maze arababwira ati: «Aho mumenye icyo mbagiriye?» Munyita Shobuja n'Umwigisha, ibyo mubivuga neza, kuko ari ko ndi koko. Nuko rero, ubwo mbogeye ibirenge, kandi ndi Shobuja n'Umwigisha niko namwe mukwiye kubyozyanya. Mbahaye icyitegererezo kugira ngo namwe mukore nk'uko mbakoreye, «ni ukuri ni ukuri ndababwira, ko umugaragu ataruta shebuja. Kandi n'intumwa itaruta uwayitumye.»

Kristo yashakaga gusobanurira abigishwa ko mu kuboza ibirenge atatakaje icyubahiro cye. «Munyita Shobuja n’Umwigisha, ibyo mubivuga neza kuko ari ko ndi koko.» Yari abahishuriye ubuntu n’ubusobanuro bw’icyo gikorwa, kandi anabumvisha ko abaruta rwose. Nubwo nta muntu n’umwe wigeze aba mukuru kumuruta, Kristo yicishije bugufi ngo akore umurimo wo hasi cyane. Ubwe yatanze icyitegererezo cyo kuganduka no guca bugufi kugira ngo abe be gushukwa n’inarinjye iba mu mutima wa kamere igahora ikuzwa no gushaka gukorerwa. Kristo ntabwo yashatse kurekera umuntu inshingano yo gutanga iyo nyigisho. Yayihaye agaciro kanini cyane, kuko we ubwe ahwanye n’Imana, yemeye gukora umurimo w’ubugaragu ari mu bigishwa be. Mu gihe bo barwaniraga umwanya wa mbere, Kristo we, uwo amavi yose azapfukamira, kandi abamarayika b’icyubahiro bakanezezwa no kumukorera, arunama yoza ibirenge by’abamwita Umwami wabo. Ndetse yoza n’ibirenge by’umugambanyi.

Kubw’imibereho ye n’ibyigisho bye, Kristo yatanze icyitegererezo nyakuri cy’umurimo wo kwitanga ufite isoko ku Mana. Imana ntabwo ibereyeho kwiyitaho. Mu kurema isi, ikanaramira ibintu byose, Imana ikora umurimo wose wo kubeshaho ibiremwa byayo. «Kuko itegeka izuba ryayo kurasira ababi n’abeza, kandi abakiranutsi n’abakiranirwa ibavubira imvura.³» Imana yashyize imbere y’Umwana wayo icyo kintu cy’ibanze cy’umurimo. Yesu yashyizwe ku ruhembe rw’abatuye isi ngo ababere urugero kandi abigishye gukorera abandi icyo ari cyo.

Imibereho ye yose yagengwaga n’itegeko ry’umurimo yakoreye isi yose. Uko niko yubahirije amategeko y’Imana, maze agaragarisha icyitegererezo cye uko dukwiriye kumvira Imana. Inshuro nyinshi Yesu yihatiraga gucengeza ayo mahame mu bigishwa be. Igihe Yakobo na Yohana basabaga isumbwe, Yesu yarababwiye ati : “Ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe aje aba umugaragu w’abandi.⁴” Mu bwami bwa Kristo nta mwanya w’umwihariko cyangwa isumbwe bihari. Ubukuru buhagaragara ni ubu : Kwicisha bugufi. Ikintu kimwe rukumbi kiruta ibindi ni ukwitangira gukorera abandi.

Amaze koza ibirenge by’abigishwa arababwira ati : «Mbahaye icyitegererezo kugira ngo mukore nk’uko mbakoreye.» Ku bw’aya magambo Kristo ntabwo yari abategetse gucumbikira abashyitsi gusa. Nta nubwo kwari ukugira ngo bajye boza ibirenge by’abandi, bakabakuraho umukungugu batewe n’urugendo gusa. Ahubwo Kristo yari atangiye umuhango w’idini. Igikorwa cy’Umwami wacu

yakoze muri uwo muhango ucishije bugufi cyari itegeko ryera, igikorwa abigishwa bagombaga kuzajya bubahiriza kugira ngo bibuke ibyigisho bye byo kwicisha bugufi no gukorera abandi.

Iri tegeko ryashyizweho na Kristo ngo ribe uburyo bumwe rukumbi budutegurira gutungana. Umutima ntushobora kugirana umushyikirano na Kristo igihe cyose ugifite ibitekerezo byo kwirata, amacakubiri ndetse n'ishyari. Iyo tumeze dutyo ntabwo tuba twiteguye kwakira umusabano w'umubiri n'amaraso bye. Nicyo cyatumye Yesu adusaba kubanziriza ifunguro ryera urwibutso rwo kwicisha bugufi kwe.

Mu kubahiriza iri tegeko, abana b'Imana baba bakwiriye kwibuka aya magambo y'Umwami w'ubugingo n'icyubahiro aho avuga ati : «Aho mumenye icyo mbagiriye? Munyita Shobuja n'Umwigisha, ibyo mubivuga neza kuko ariko ndi koko. Nuko rero ubwo mbogeje ibirenge, kandi ndi Shobuja n'Umwigisha, niko namwe mukwiye kubyozanya. Mbahaye icyitegererezo kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye. Ni ukuri, ni ukuri ndababwira ko umugaragagu ataruta shebuja; kandi ko intumwa itaruta uwayitumye. Nimumenya ibyo, murahirwa niba mubikora.» Umuntu abogamiye mu kwibwira yuko ari mwiza kuruta umuvandimwe we, agakora ku giti cye yishakira umwanya wa mbere, ibyo nta kindi bibyara, keretse urwikekwe n'umubabaro. Itegeko ryatanze ribanziriza ifunguro ry'Umwami wacu, umugambi waryo ni uwo kvanaho amacakubiri, ngo umuntu areke inarinjye ye, rishyire mu mutima we kwicisha bugufi kuzamushoboza gukorera mugenzi we.

Iba maso iri hejuru y'amajuru, mu muhango nk'uwo iba ihari kugira ngo idufashe kwisuzuma imitima ngo twiyumvemo ko turi abanyabyaha ngo bidutere ibyiringiro by'imbabazi. Kristo aba ahari mu buntu bwe busesuye kugira ngo ayobore ibitekerezo byacu kuko akenshi byibera mu nzira yo kwikunda.

Umwuka wera akangura ubwenge bw'abakora bakurikije icyitegererezo cy'Umwami wabo. Igihe twiyibutsa igitekerezo cyo gucishwa bugufi k'Umwami wacu n'Umukiza, igitekerezo kibyara ikindi maze bikaba umurunga w'urwibutso rw'ubuntu bwinshi bw'Imana n'urukundo rwitanga ku nshuti zacu zituye ku isi. Imigisha yirengagijwe n'ubuntu bwapfushijwe ubusa, ndetse ibyiza bititaweho, bihita bigaruka mu bwenge bwacu. Imizi yo gusharira yirukanye mu mitima yacu

imbuto y'urukundo, ishyirwa iruhande. Imico mibi, inshingano zirengagijwe, kuba indashima ku Mana, kutita ku bavandimwe bacu, ibyo byose byongera kugaruka mu bwenge bwacu nk'urwibutso. Ubwo nibwo umuntu areba neza icyaha nk'uko Imana ikibona. Tukareka kwirata ubwacu ahubwo tukicyaha bikadutera kwicisha bugufi. Ubwo nibwo tugira imbaraga zo gusenya urusika rwari rwubatse hagati yacu n'abavandimwe. Ibitekerezo bibi no gusebanya bishyirwa ku ruhande. Ibyaha biricuzwa kandi hakaboneka kubabarirana. Ubuntu bwa Kristo buneshya bwinjira mu mitima maze urukundo rwa Kristo rugahuriza imitima mu bumwe bunejeje.

Uwo muhango ubanza kubw'amasomo wigisha, ufite umugambi wo gutera icyifuzo cyo kugira imibereho itunganye kandi ishimwa mu by'umwuka, icyifuzo cyo gushimwa n'Umuhamya w'ijuru. Umutima uzazamurwa maze usabwemo n'ibitekerezo byo kumva ko wababariwe ibyaha byawo. Urusengero rw'umutima ruzuzurwamo no kurabagirana ko gukiranuka kwa Yesu. Tuzitegereza «Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi.⁵»

Kuri abo bakira igitekerezo cy'iki gikorwa, ntibazakibona nk'umuhango gusa. Bazajya babonamo iki cyigisho gihoraho ngo : «ahubwo mukorerane mu rukundo.⁶» Kristo mu koza ibirenge by'abigishwa yagaragaje ko yiteguye gukora imirimo icye bugufi cyane, kugira ngo abahindure abaragwa b'ubutunzi bw'iteka ryose bwo mu ijuru. Mu gukora nk'uko yakoze, abigishwa bafashe icyemezo cyo gukorerana abavandimwe babo nk'uko yabigenje. Igihe cyose iri tegeko rikozwe nk'uko rikwiriye, abana b'Imana baba basezeranye hagati yabo isezerano ryo gufatanya no gukorerana ibyiza. Baba basezeranye ku mugaragaro gutanga ubugingo bwabo ngo biyegurire umurimo utari uwo gukorerana gusa, ahubwo ngo bajye mu murima, gukora umurimo wakorwaga n'Umwigisha mukuru. Isi yuzuye abantu bakeneye umurimo wacu. Impande zose hari abakene, abashaka ubufasha hamwe n'injiji. Abasabaniye na Kristo mu cyumba cyo hejuru bazasohokamo bagiye gukora nk'uko yakoraga.

Yesu wakorerwaga na bose, yaje gukorerana bose. Kandi kuko mu murimo we yaje gukorerana bose, azongera gukorerwaga na bose kandi yubahwe na bose. Abashaka kuzasangira na we inshingano ze z'ubumana no gufatanya na we umunezero wo kuzabona abacunguwe, bagomba gukurikiza icyitegererezo cye cyo gukora umurimo wo kwitanga.

Ibi byose byari muri aya magambo ya Yesu ngo : “Mbahaye icyitegererezo kugira ngo mukore nk’uko mbakoreye.” Ni wo mugambi wamuteye gushyiraho iki gikorwa, kandi Yesu ubwe ni we utubwira ati : “Nimumenya ibyo,” nimusobanukirwa n’umugambi w’ibi byigisho, “Murahirwa niba mubikora.”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 22:7-18,24; Yohana 13:1-7.
2. Matayo 20:28.
3. Matayo 5:45.
4. Matayo 20:26.
5. Yohana 1:29.
6. Abagalatiya 5:13.

*** *** ***

72. KUGIRA NGO MUNYIBUKE



«Umwami Yesu, ijoro bamugambaniyemo, yenze umutsima arawushimira, arawumanyagura aravuga ati : Uyu ni umubiri wanjye ubatangiwe, mujye mukora mutya kugira ngo munyibuke. N'igikombe akigenza atyo, bamaze kurya ati: Iki gikombe ni isezerano rishya ryo mu maraso yanjye. Mujye mukora mutya kugira ngo munyibuke. Uko

muzajya murya uwo mutsima, mukanywera kuri icyo gikombe muzaba mwerekana urupfu rw'Umwami Yesu kugeza aho azazira.^{2»}

Yesu yari ku iherezo ry'umwanya washyizwe hagati y'imihango ibiri yakorwaga n'umunsi wayo mukuru. Umwana w'intama utagira inenge yari agiye kwitamba ubwe ho igitambo gikuraho ibyaha; byari ngombwa gushyira iherezo ku migenzo n'imihango yose yari imaze imyaka ibihumbi bine isura urupfu rwe. Igihe Yesu yasangiraga n'abigishwa ibyo kurya bya Pasika, yashyizeho umuhango wari ugiye gusimbura uwo munsi mukuru maze bakajya bibuka igitambo cye gikomeye. Umunsi mukuru w'ishyanga ry'abayuda wagombaga kuvaho by'iteka ryose. Umuhango washyizweho na Kristo wagombaga kujya wubahirizwa n'abigishwa be bo mu bihugu byose; kandi bigakorwa uko ibihe bihaye ibindi.

Pasika yari yarashyiriweho kwibutsa ugucungurwa kw'abisiraeli bavanwa mu bubata bw'Abanyegiputa. Nk'uko amabwiriza y'Uwiteka yari ari, buri mwaka igitekerezo cy'uko gucungurwa cyagombaga guhora gisubirwamo kugira ngo bibutse abana impamvu y'iryo tegeko. Ibyo byajyaga gutuma urwibutso rw'uko gucungurwa kw'igitangaza ruhora mu bitekerezo byabo. Itegeko ry'ifunguro ryera ry'Umwami Yesu yaritangiye kugira ngo ryibutse ugucungurwa kw'igitangaza kwabonewe mu rupfu rwa Kristo, bizahora byubahirizwa kugeza aho azagarukira

afite icyubahiro n’ubwiza bwinshi. Ni muri ubwo buryo imitima yacu igomba kugumana urwibutso rw’icyo gikorwa cy’ingirakamaro.

Muri Egipta, mu ijoro abana b’Abisiraeli babohorewemo, bariye Pasika bahagaze bakenyeye, bakwese inkweto zabo, bafite inkoni zabo mu ntoki biteguye kugenda. Uburyo bubahirije uyu muni mukuru wa Pasika bwari buhuye rwose n’igihe barimo; mu by’ukuri bari bagiye kwirukanwa mu gihugu cya Egipta; bari bagiye gutangira urugendo rurerure kandi rwuzuyemo akaga, runyuze mu butayu. Mu gihe cya Kristo rero ntabwo byari bimeze bityo. Ntabwo bari bagiye kwirukanwa mu gihugu cy’amahanga, kuko bari batuye mu gihugu cyabo; bari bashimishijwe n’ikiruhuko bahawe maze ku mugoroba bagasangira ibya Pasika. Imisego yabaga ikikije ameza, baryamye kuri iyo misego, abashyitsi babaga bishingikirije ku kuboko kw’ibumoso maze bakifashisha ukuboko kw’iburyo barya. Bityo uko umuntu yari ameze byatumaga ashobora kwegamiza umutwe we mu gituma cy’umwicaye ibumoso. Kuko amaguru yasumbaga umufariso, umuntu yashoboraga kubazenguruka aboza ibirenge.

Yesu yicara ku meza baririyeho ibya Pasika. Imitsima idasembuwe yagenewe umunsi mukuru yari imbere yabo; vino y’umutobe na yo yari ku meza. Kristo yifashisha ibyo bimenyetso kugira ngo agaragaze igitambo cye kitagira inege. Ntabwo imitsima yasembuwe cyangwa se vino iyiye, bishushanya icyaha ndetse n’urupfu byashobora gushushanya “ Umwana w’intama utagira inenge cyangwa ibara.”³

Bakirya Yesu yenda umutsima amaze kuwushimira arawumanyura, abwira abigishwa be ati: “Nimwende murye uyu ni umubiri wanjye.” Yenda igikombe, amaze kugishimira arakibaha, arababwira ati: «Munywere kuri iki mwese kuko aya ari amaraso yanjye y’Isezerano Rishya aya kubwa benshi ngo bababarirwe ibyaha. Ariko ndababwira rwose yuko ntazanywa ku mbuto z’imizabibu, kugeza umunsi nzasangira namwe vino nshya mu bwami bwa Data.»

Muri uyu muhango wera, Yuda w’umugambanyi yari ahari. Na we yahawe na Yesu ikimenyetso cy’umubiri we utambwe n’amaraso ye yamenwe. Yumvise aya magambo ngo : “Mujye mukorera mutya kugira ngo munyibuke. » Igihe

umugambanyi yari yicaye imbere y'Umwana w'intama w'Imana, yari arimo kwibaza imigambi ye mibi agumana mu bitekerezo bye umugambi wo kwihorera wamuhoragamo.

Igihe Yesu yozaga ibirenge by'abigishwa be, yagaragaje neza ko yari azi imico ya Yuda, yaravuze ati : “Ntimuboneye mwese.”⁴ Aya magambo yumvishije uwo yitaga intumwa kandi atari yo ko Kristo yavumbuye imigambi ye yiherereye. Ubu bwo Kristo yari abisobanuye ku mugaragaro. Nk'uko bose bari bicaye ku meza, Yesu arabitegereza maze arababwira ati : “Simbavuze mwese kuko nzi abo natoranije, keretse ko Ibyanditswe bikwiriye gusohora ngo “ urya ibyo kurya byanjye ni we umbanguriye umugeri.”

Abigishwa ntabwo bari bagakeka Yuda, ariko babonaga Umwigisha wabo afite agahinda. Nuko igicu gicuze umwijima kirabagota, cyari ikimenyetso cy'umubabaro badasobanukiwe n'aho uturutse. Bakirya batuje Yesu arababwira ati : “Ni ukuri ni ukuri ndababwira ko umwe muri mwe ari bungambanire.” Aya magambo abatera kumirwa bagira agahinda. Ntibashoboraga kwemera ko umwe muri bo yagirira ubugome Umwigisha wabo wavuye mu ijuru. Yamugambanira abitewe n'iki? Ubundi kandi yamugambanira kuri nde? Umugambi nk'uwo waba warakomotse kuri nde? Uko biri kose ntabwo yaba ari umwe muri cumi na babiri, kuko barushije abandi kugira amahirwe yo kumva inyigisho ze, bakibonera urukundo rwe rutangaje, kandi bakaba baragize umugisha wo kugirana umushyikirano na we bakamubera inkoramutima!

Bamaze gusobanukirwa n'uburemere bw'amagambo ya Kristo bafatwa n'ubwoba n'ikimwaro; kuko bari bibajije ku magambo ye ahora ari ukuri. Mu mitima yabo barinira ngo bashobore kumenya niba hari igitekerezo kibi cyihishe mu mitima yabo baba bafitiye Umwami wabo. Batangira kubazanya umwe umwe bafite agahinda kandi babaza Umwami wabo bati “Databuja ninjye?” Yuda ni we wenyine wacecetse. Yohana yumvise ashenguwe n'agahinda yongera kumubaza ati: “Databuja ninde?”. Yesu arabasubiza ati: “uwo ndibukoreze inogo nkayimuha niwe uwo.” «Umwana w'umuntu aragenda nk'uko ibyanditswe kuri we biri, ariko uwo muntu ugambanira Umwana w'umuntu azabona ishyano! Ibyajyaga kumubera byiza ni uko aba ataravutse.” Abigishwa bari babazanishije amaso bati: “Databuja ninjye?” Guceceka kwa Yuda kwateye abandi kwibaza. Mu rusaku batewe n'ibibazo bibazaga n'amagambo yo kumirwa byatumye Yuda atumva icyo Yesu yavuze

asubiza ikibazo cya Yohana. Noneho abonye amaso yose y’abigishwa ari we ahanzweho, nawe aribarisha ati : “Databuja ni njye?” Yesu aramusubiza ati : “Wakabimenye.”

Yuda atangajwe n’uko umugambi we wamenyekanye aramwara arahaguruka asohoka yihuta. «Yesu aramubwira ati : icyo ukora gikore vuba. Nuko Yuda amaze kwakira inogo muri ako kanya arasohoka kandi hari nijoro.»

Ijoro ryari ribuditse mu mutima w’uwo mugambanyi igihe yari ateye umugongo Yesu kugira ngo yinjire mu icuraburindi ryo hanze.

Kugeza icyo gihe Yuda yari atararenga urubibi rwamubuza kwihana. Ariko ubwo yari amaze kujya hanze ataye Umwigisha we na bagenzi be, icyemezo giheruka cyari gifashwe. Yari amaze kurenga urubibi.

Yesu yari yagaragaje kwihangana gutangaje agirira uwo mutima uhora mu bigeragezo. Ntacyo yirengagije na kimwe mu byari gushobora gukiza Yuda. N’igihe Yuda yari amaze kwiyezeza inshuro ebyiri zose kugambanira Shebujya, Yesu yamuhaye akanya ko kwicuza, yongeraga kumugaragariza igihamba giheruka cy’ubumana bwe, amuhishurira imigambi mibi yari ihishwe mu mutima we. Iryo ni ryo ryabaye irarika rya nyuma ryo kwihana kuri uwo mwigishwa gito. Umutima wa Kristo wa kimana ukaba n’uwa kimuntu, nta ririka na rito washigaje utagejeje kuri Yuda. Imbabazi z’uburyo bwose zanzwe kubera agasuzuguro kadacika zagarukiranaga zifite imbaraga zishakaga gutsindisha ubugwaneza umutima wa Yuda. Ariko Yuda yari yamaramaje kubera ko yari yafashwe kandi icyaha cye kigashyirwa ahabona. Asohoka mu cyumba bariragamo ifunguro ryera, kugira ngo ajye gusohozza umurimo we w’ubugambanyi.

Yesu avuga ishyano Yuda agushije, yari afitiye abigishwa be umugambi w’urukundo. Yashakaga kubaha igihamba giheruka cy’uko ari Mesiya. Yarababwiye ati : “Dore ubu mbibabwiye bitari byaba kugira ngo nibiba muzizere ko ndi we.” Iyo Yesu aza kwicecekeraga, maze agasa n’utazi ko bagiye kumutanga mu maboko y’abagome b’inkoramamaraso, abigishwa be bajyaga kwibwira ko Umwami wabo nta bwenge bw’ubumana bumurimo. Hari hashize umwaka Yesu abwiye

abigishwa be ko ari we wabatoranije uko ari cumi na babiri; kandi ko umwe muri bo ari dayimoni. Noneho amagambo Yesu yari abwiye Yuda, amugaragariza neza ko uburiganya bwe buzwi n'Umwigisha, yayavugiye gukomeza kwizera kw'abigishwa be nyakuri, igihe we azaba asuzuguwe akojejwe isoni. Kandi igihe Yuda azasozza imibereho ye mu buryo buteye ubwoba, ngo bazibuke amagambo y'umuvumo Yesu yavuze azagera ku mugambanyi.

Na none kandi, Umukiza yari afite undi mugambi. Ntabwo yari yarigeze yirengagiza kugirira neza uwo yari azi ko azamugambanira. Abigishwa ntibari basobanukiwe n'ibyo Yesu yavuze igihe yabozaga ibirenge, aho yababwiye ati : “Ntimuboneye mwese” cyangwa amagambo yavuze bari ku meza aho agira ati : “Urya ibyo kurya byanjye ni we umbanguriye umugeri.”⁵ Maze hanyuma igihe aya magambo yari amaze kubasobanukira, bashobora gutekereza neza kwihangana n'imbabazi z'Imana igirira abarushije abandi gushayisha.

Yesu yoza ibirenge bya Yuda, nubwo yari amuzi guhera mbere na mbere; maze umugambanyi agira amahirwe yo gusangira na Kristo ku ifunguro ryera. Umukiza wuje ukwihangana, akoresha uburyo bwose bwo kwemeza umunyabyaha kugira ngo amurarikire kumwakira no kwihana no kwemera kuhagirwaho ububi bw'ibyaha. Mbega icyitegererezo yaduhaye! Ntabwo tugomba guta kure uwo twibwira ko ari mu makosa no mu byaha. Ntabwo bikwiriye ko hagati yacu na we hajyamo uruzitiro rutewe no kutamwitaho, kugira ngo adahinduka umuhigo w'ibishuko cyangwa se akibera umukozi wa satani. Uko siko Kristo yakoraga. Kristo yogeje ibirenge by'abigishwa be kuko bari barayobye cyangwa baraguye mu makosa, bese uko ari cumi na babiri byabateye kwihana keretse umwe.

Icyitegererezo Kristo yatanze kitubuza kuba nyamwigendaho ngo twitandukanye mu ifunguro ryera ry'Umwami wacu. Ni iby'ukuri ko icyaha cyakorewe mu ruhamwe cyemeza ko umuntu yigizwayo; ibyo Umwuka wera abivuga yeruye.⁶ Ibitari ibyo nta rubanza rukwiriye gucibwa. Imana ntiyahaye abantu guhitamo ugomba kugaragara mu minsi mikuru nk'iyo. Muri twe ni nde ushobora gusoma mu mitima? Ni nde uzi gutandukanya urukungu n'amasaka? «Nuko umuntu yinire yisuzume, abone kurya kuri uwo mutsima no kunywera kuri icyo gikombe.» Kuko «upfa kurya, akanywa, atitaye ku mubiri w'Umwami aba ariye kandi aba anywereye kwishyiraho gucirwaho iteka.»⁷

Intumwa zo mu ijuru nubwo zitagaragarira amaso, zivanga n'iteraniryo ry'abizera kugira ngo zubahirize imihango yera. Umeze nka Yuda ashobora kuboneka muri iryo teraniryo; iyo bibaye bityo, habonekamo intumwa z'umutware w'umwijima, kuko izo na zo ziba bugufi bw'imitima yanga kugengwa n'Umwuka werera. Abamalaika bo mu ijuru, ari bo bashyitsi bataboneshwa amaso igihe cyose baba bari mu mihango nk'iyi. Abantu bamwe batari abakozi nyakuri b'ukuri no kwera, rimwe na rimwe bifuzaga gufatanywa n'abandi muri uwo murimo ntibikwiriye kubabwira. Abahamya baba bahari, ba bandi bari bahari igihe Yesu yozaga ibirenge by'abigishwa be na Yuda arimo. Kandi amaso atari ay'abantu yarabirebaga.

Kristo ari aho, kugira ngo kubw'Umwuka werera, ashyire ikimenyetso cye ku mategeko yashyizeho. Aba ari aho kugira ngo yemeze imitima kandi ayoroshye. Nta ndoro n'imwe, nta gitekerezo na kimwe cyo kubabazwa n'icyaha atabona.

Ategereza ko haboneka umutima wihana kandi ushenjagwe. Byose biba byiteguye, kugira ngo umutima nk'uwo wakirwe. Uwogeye ibirenge bya Yuda, arifuza koza imitima yose ho imyanda y'icyaha.

Nta muntu wagombye kwiyima gusabana na Kristo bitewe n'uko bugufi bwe hari umuntu, udakwiriye. Buri mwigishwa wese ahamagarirwa kujya ku ifunguro ryera ku mugaragaro kugira ngo ahamye ko yakiriye Kristo nk'Umukiza we bwite. Mu materaniryo nk'ayo, nk'uko Kristo ubwe yajyaga ayateranya araza agaterana na bo ngo abakomereshe kuhaba. Nubwo imitima n'ibiganza biyobora ifunguro ryera bidakwiriye, Kristo ubwe aba ahari, agatambirira abana be. Abegera bese bamwiringiye bazabona imigisha myinshi. Kandi abantu bese bakerensha ibyiza by'Imana bazahomba. Abo ni bo babwirwa aya magambo ngo : Muraboneye ariko si mwese.

Kristo mu gusangira n'abigishwa be umutsima na vino, yari yiyemeje kubabera Umucunguzi. Yabashinze isezerano rishya rituma abaryakiriye bese bahinduka abana b'Imana maze bakaba abaraganwa na Kristo. Iryo sezerano ribaha imigisha yose y'ijuru ribasha kuyitanga haba muri ubu buzima cyangwa se mu buzima bw'ahazaza. Iri sezerano rigomba guhamywa n'amaraso ya Kristo. Kujya

ku ifunguro ryera bizahora byibutsa abigishwa igitambo gihoraho cyabatambiwe, kuko na bo bari mu mugabane wa bene muntu baguye.

Umurimo wo kujya ku ifunguro ryera ntukwiriye guteza agahinda; si cyo Yesu yawushyiriyeho. Ntibikwiriye ko abigishwa ba Kristo iyo bateraniye kumanyagurirwa umutsima, bamara igihe cyabo bivovotera intege nke zabo mu by'umwuka, cyangwa ngo batinzwe no kureba ibyababayeho mu gihe cyashize; bibakomeza cyangwa se bibaca intege. Nta nubwo bakwiriye kurushaho kwibuka amakimbirane bagiranye. Ibyo byose biba byahanaguwe n'umurimo wo kwitegura. Buri wese yarigenzuye we ubwe, yicujije ibyaha bye kandi bose bariyunze. Ku meza abigishwa baba bagiye imbere ya Kristo. Ntabwo baba bahagaze munsu y'igicucu cy'umusaraba, ahubwo baba bari mu mucyo w'agakiza kawo. Buri wese aba agomba kugururira umutima we imirasire y'umucyo wa Zuba ryo gukiranuka. Umutima wejeje n'amaraso ya Kristo y'igicro cyinshi, nubwo uzaba ubona ko atagaragara, uzumva aya magambo ye ngo: «Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye : icyakora simbahaye nk'uko ab'isi batanga.⁸» Umwami Yesu aratubwira ati : Umutima nubabwira ko muri abanyabyaha, mujye mwibuka ko nabapfiriye. Nimutotezwa mukarenganywa mukababazwa kubera nje n'ubutumwa bwiza, mujye mwibuka ko nabakunze urukundo rukomeye cyane ngatanga ubugingo bwanjye ku bwanyu. Igihe inshingano zanyu zimeze nk'iziruhije, n'imitwari yanyu ikabaremerera, mujye mwibuka ko nabababarijwe ku musaraba, ngakozwa isoni ku bwanyu. Umutima wanyu nusubira inyuma imbere y'ibigeragezo, mujye mwibuka ko Umucunguzi wanyu ari muzima abasabira.

Umurimo w'ifunguro ryera, wibutsa abizera kugaruka kwa Kristo. Wabereyeho kugaruka ibyo byiringiro mu mitima y'abigishwa. Igihe cyose bateranaga bibuka urupfu rwa Yesu, icyagarukaga mu bwenge bwabo ni iki ngo : «Afata igikombe aragishimira, arababwira ati : Mwende iki musangire. Aya ni amaraso yanjye y'isezerano rishya aya kubwa benshi ngo bababarijwe ibyaha. Ariko ndababwira rwose ko ntazanywa ku mbuto z'imizabibu, mpereye none, nkageza ku munsu nzasangira namwe vino nshya mu bwami bwa Data.» Ibyiringiro byo kugaruka k'Umwami wacu, byarabahumizaga mu gahinda kabo. Iki gitekerezo cyari icy'igicro kinini kurenza ikindi kintu cyose bashoboraga gutekereza : “uko muzajya murya uwo mutsima, mukanywera kuri icyo gikombe muzaba mwerekana urupfu rw'Umwami Yesu kugeza aho azazira.”⁹

Ngibyo ibintu tudakwiriye kwibagirwa. Urukundo rwa Yesu ruduhata rukwiriye guhora iteka ryose mu bwenge bwacu. Kristo yashyizeho uwo muhango kugira ngo ashire mu bwenge bwacu urukundo Imana yatugaragarije. Nta kindi cyera cyirabura gishobora guhuza imitima yacu n’Imana, atari Kristo. Urukundo rwa Kristo ni rwo rukomeza by’iteka ryose, ubumwe n’urukundo hagati y’abavandimwe. Uretse urupfu rwa Kristo nta kindi cyashoboraga kugaragaza ubutungane bw’urukundo adufitiye. Bitewe n’urwo rupfu dushobora gutegerezanya ibyishimo ukugaruka kwe. Igitambo cye ni ishingiro ry’ibyiringiro byacu; kandi gikwiriye kuba impamvu zo kwizera kwacu.

Abantu bibwira ko ari itegeko ryoroshye, ritwibutsa ugucishwa bugufi n’imibabaro y’Umwami wacu. Uwo muhango washyizweho kubera umugambi. Ubwenge bwacu bugomba gukanguka kugira ngo dushobore gusobanukirwa neza ubwiru bwo kwera. Twahawe gusobanukirwa imibabaro ya Kristo watambwe nk’igitambo gikuraho ibyaha kuruta uko twabikora. «Nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko Umwana w’umuntu yamanitswe kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho.¹⁰» Dukwiriye guhanga amaso yacu ku musaraba w’i Karuvali; uwo Umukiza yapfiriye. Inyungu zacu zihoraho, zidusaba no kugaragaza ko twizeye Kristo.

Umwami Yesu yaravuze ati : “Nimutarya umubiri w’Umwana w’umuntu, ntimunywe n’amaraso ye nta bugingo mufite muri mwe... Kuko umubiri wanjye ari ibyo kurya nyakuri, n’amaraso yanjye ari ibyo kunywa by’ukuri.¹¹” Ibi ni iby’ukuri ku mibereho igaragarira amaso. Urupfu rwa Kristo ni rwo rwatumye tugira imibereho ya hano ku isi. Umutsima turya twuheshwa n’ikiguzi cy’umubiri we watambwe. Amazi tunywa yarishywe n’amaraso ye yamenetse. Umuntu uwo ari we wese, naho yaba umukiranutsi cyangwa umunyabyaha ntarya ibyo kurya bye bya buri muni atagaburiwe umubiri n’amaraso bya Kristo. Buri kamanyu k’umutsima gafite ikimenyetso cy’umusaraba w’i Karuvali. Uwo musaraba urabagiranira muri buri soko y’amazi. Kristo yigishije ibyo bintu byose ashiraho ibimenyetso by’igitambo cye gikomeye. Umucyo uturuka ku murimo w’ifunguro ryera ryatangiye mu cyumba cyo hejuru, uzanira ukwera amafunguro y’imibereho yacu

ya buri munsu. Ameza yo mu muryango azahinduka ameza y'Umwami wacu, bityo buri funguro ryose rigere ku rugero rw'ifunguro ryera.

Na none kandi, amagambo ya Kristo yerekezaga cyane ku mibereho y'iby'umwuka. Aravuga ati : “Urya umubiri wanjye, akanywa n'amaraso yanjye afite ubugingo buhoraho.” Mu kwakira ubugingo bwasheshwe ku musaraba w'i Karuvali ku bwacu ni byo bitubashisha kugira imibereho yejeje. Kandi mu kwakira ijamba rya Kristo tugakora ibyo yadutegetse, nibwo twakira ubwo bugingo. Uko niko tuba umwe na we. Yaravuze ati : “Urya umubiri wanjye, akanywa n'amaraso yanjye aguma muri njye, nanjye nkaguma muri we. Nk'uko Data uhoraho yantumye, nanjye nkabaho kubwa Data, niko undya na we azabaho ku bwanjye.”¹² Uyu murongo witaye cyane ku ifunguro ryera. Igihe twitegereje mu kwizera igitamba gikomeye cy'Umwami wacu, umutima wacu wihuza n'imibereho ya Kristo mu by'umwuka. Iyo bimeze bityo, buri muhango wose w'ifunguro ryera utuzanira imbaraga y'iby'umwuka. Bityo hakabaho isano nzima hagati y'umwizera na Kristo; kandi kubwa Kristo, umwizera akagirana isano na Data wa twese. Uyu muhango wera, uba umurunga uhuza abantu bagengwa n'Imana yabo.

Igihe turiye umutsima tukanywa na divayi, ari byo bimenyetso by'umubiri wa Kristo watambwe n'amaraso yamenetse, ntidushobora kwibuka gutekereza urwibutso rw'ifunguro ryera ryatangiye mu cyumba cyo hejuru. Dusa n'abageze mu gashyamba kejeje n'imibabaro y'uwikoreye ibyaha by'abari mu isi. Tuba twitegeye urugamba twaboneyemo kwiyinga n'Imana. Kristo aba asa n'uwongeye kubambwa hagati y'iteraniro ryacu.

Iyo twitegereje Umucunguzi wabambwe, niho dusobanukirwa neza n'agaciro n'ubusobanuro bw'igitamba Igikomangoma cy'ijuru yitanzeho. Inama y'agakiza iherwa icyubahiro imbere yacu, maze urwibutso rw'i Karuvali rugatera imitima yacu kunezerwa no gususuruka. Ishimwe ku Mana no ku Mwana w'intama, bigasohoka mu mitima yacu no ku minwa yacu. Ubwirasi, uburakari no kwimika inariye ntibishobora kubona intebe mu mitima ihorana urwibutso rw'ibyabaye i Karuvali.

Umuntu urangamira urukundo rutagira ikizinga rw'Umukiza, azagira ibitekerezo biboneye, umutima wejeje ndetse n'imico yahindutse. Azajya mu isi ngo ayibere umucyo, agendereye kurabagiranisha urwo rukundo rutangaje. Uko

turushaho kurangamira umusaraba w'i Karuvali niko turushaho kuvuga nk'iyi ntumwa Paulo tuti : “Ariko jyeweho sinkirata ikindi keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo wateye ko iby'isi bimbere nk'ibibambwe, nanjye nkabera iby'isi nk'ubambwe.¹³”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 26:20-29; Mariko 14:17-25; Luka 22:14-23; Yohana 13:18-30.
2. 1 Abakorinto 11:23-26.
3. 1 Petero 1:19.
4. Yohana 13:11.
5. Yohana 13:11,18.
6. 1 Abakorinto 5:11.
7. 1 Abakorinto 11:27:29.
8. Yohana 14:27.
9. 1 Abakorinto 11:26.
10. Yohana 3:14,15.
11. Yohana 6:53-55.
12. Yohana 6:54,56,57.
13. Abagalatiya 6:14.

*** **

73. NTIMUHAGARIKE IMITIMA YANYU



Yesu, mu kwitegerezanya abigishwa be impuhwe zitarondoreka n’urukundo rwe rwo mu buryo bw’Imana, yarababwiye ati : “Noneho Umwana w’umuntu arubahirijwe, kandi Imana na yo yubahirijwe muri we.”¹ Yuda amaze kuva mu cyumba cyo hejuru, Kristo asigarana n’abigishwa be cumi n’umwe. Mbere yo kuganira na bo iby’uko agiye

kwigendera, ashaka kubanza kubabwira intego y’umurimo we; kuko yahoraga imbere ye buri gihe. Mu mibabaro ye ndetse n’imiruho ye, icyamuhumurizaga ni ukumenya ko bizahesha izina rya Se icyubahiro. Ni cyo cyatumye intego ye yari ukuyobora ibitekerezo by’intumwa ze muri icyo cyerekezo.

Hanyuma ababwirana urukundo agira ati : “Bana bato, ndacyari kumwe namwe umwanya muto, muzanshaka kandi uko nabwiye abayuda nti : Aho njya ntimubasha kujyayo, namwe niko mbabwira ubu.”

Abigishwa bumvise ayo magambo, ntibashobora kwishima. Bafatwa n’ubwoba maze bipfunyapfunyira ku Mukiza Umwigisha wabo n’Umwami, Inshuti yabo magara ibarutira ubugingo bwabo. Uwo ni we bajyaga biyambaza mu magorwa yabo yose; kuri we ni ho bajyaga bashaka ibibahumuriza mu miruho yabo n’amagorwa yabo. None dore yari agiye kubasiga bonyine mu bukene bwabo. Mu mitima yabo hari huzuyemo ikiniga cyinshi.

Ariko Umukiza ababwira amagambo yuje ibyiringiro. Yari aziko bagiye gusakirana n’ibitero by’umwanzi kandi ko uburiganya bwa satani butsinda cyane abarushye barembejwe n’ingorane. Ni yo mpamvu yihutiye gukebura amaso yabo ngo be kugumya kuyahanga ku “bigaragara,” ahubwo bayahange “ku bitaboneka.”² Mu gihugu cy’ubusuhuke, ayobora ibitekerezo byabo, abiganisha ku buturo bwo mu ijuru.

Yarababwiye ati : “Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizera Imana nanjye munyizere. Mu rugo rwa Data hariyo amazu menshi, iyaba atari ahari, mba mbabwiye kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu nzagaruka mbajyane iwanjye ngo aho ndi namwe muzabeyo. Kandi aho njya inzira murayizi.” Urukundo mbakunda ni rwo rwanteye kuza mu isi kugira ngo mbiyereke bibatere kwizera. Ibyo nkora mbikora ku bwanyu. N’igihe nzaba ntahari, nzakomeza kubakorera n’ishyaka ryinshi. Ngiye kwa Data kugira ngo dufatanye kubakorera. Kugenda kwa Kristo byari bifite undi mugambi utari uwo abigishwa be batinyaga. Ntabwo byari ugutandukana na bo burundu. Yesu yari ajanywe no kubategurira ahabo kugira ngo azagaruke kubajyana aho ari. Maze kuko yagombaga kubategurira ibyicaro, na bo bari bakwiriye kwitegura kugira imico ihuye n’iyo mu ijuru.

Nyamara, abigishwa bakomeje kumirwa. Nuko Tomasi wari ucyuzuwemo no gushidikanya aramubaza ati : “Databuja ntutuzi aho ujya, inzira twayibwirwa n’iki? Yesu aramubwira ati : Ninjye Nzira n’ukuri n’ubugingo, ntawe ujya kwa Data ntamujyanye. Iyaba mwaramenye muba mwaramenye na Data; uhereye none muramunzi kandi mwaramubonye.”

Nta nzira nyinshi zijya mu ijuru ziriho. Nta muntu n’umwe ufite uburenganzira bwo kwitoraniriza iye nzira. Kristo yaravuze ati: “Ninjye Nzira, ntawe ujya kwa Data ntamujyanye.” Guhera umunsi icyigisho cya mbere cy’ubutumwa bwiza cyabwirijwe muri Edeni, igihe cyatangazaga ko urubyaro rw’umugore ruzamenagura umutwe w’inzoka, Kristo yerekanywe ko ari we Nzira ukuri n’ubugingo. Kristo yari inzira mu gihe Adamu yari akiriho n’igihe Abeli yaturaga Imana igitambo cy’Umwana w’intama washushanyaga amaraso y’Umucunguzi. Kristo yari inzira abakurambere n’abahanuzi bashoboye gukirizwamo. N’uyu munsi, Kristo ni we Nzira rukumbi itugeza ku Mana.

Kristo yaravuze ati : “Iyaba mwaramenye muba mwaramenye na Data. Uhereye none muramunzi kandi mwaramubonye.” Abigishwa bari batarasobanukirwa, ni cyo cyatumye Filipino atera hejuru ati : “Databuja twereke Data wa twese biraba bihagije.”

Kristo atangajwe n’uko batinze gusobanukirwa, ababwirana amagambo y’umubabaro utunguranye ati : “Nabanye namwe iminsi ingana ityo, kandi ntabwo wari wamenya Filipo? Ese birashoboka ko mutamenyera Data mu bikorwa yankoreye. Ntimwizera ko naje guhamya Data? Ni iki gitumye uvuga uti : Twereke Data wa twese... umbonye aba abonye Data.” Kristo mu kwigira umuntu, ntiyaretse kugumya kuba Imana. Nubwo yicishije bugufi cyane kugeza naho yambara ubumuntu, yakomeje ubumana bwe. Krito wenyine ni we washoboraga kwerekana Imana mu bantu, kandi abigishwa babaye abahamya b’ibyo mu gihe gisaga imyaka itatu yose.

“Nimunyizere, mwemere ko ndi muri Data na Data akaba muri jye, ariko rero nimutizezwa n’ibyo mvuga munyizezwe n’imirimo nkora ubwayo.” Ukwizera kwabo kwashoboraga kwishingikiriza ku gihamya kigaragazwa n’imirimo ya Kristo nta bwoba, imirimo itigeze ikorwa n’umuntu uwo ari we wese, kandi akaba ari nta we uzigera ashobora kuyikora na rimwe. Imirimo ya Kristo ni yo yahamyaga ubumana bwe. Data wa twese yari yigaragarije muri we.

Iyo abigishwa bizera iyo sano nzima iri hagati ya Data wa twese n’Umwana we, kwizera kwabo ntikwajyaga kugabanuka babonye ababarizwa ku musaraba kandi agapfira abantu bazimiye. Umwigisha yashakaga kubavanamo kwizera kwabo guke; akabageza ku bunararibonye bwo gutuma basobanukirwa uwo ari we by’ukuri: ni ukuvuga Imana yifurebye umubiri wa kimuntu. Yashakaga kuzamura kwizera kwabo ngo kugere ku Mana, maze akagushimangira ngo kube igitsika umutima. Mbega ukuntu Umukiza wacu w’umunyampuhwe yakoranaga umwete no kwihangana, yihatira gutegura abigishwa be ngo bazashobore guhangana n’umugaru w’ibigeragezo bendaga guhura na byo! Yashakaga ko bahishanwa na we mu Mana.

Nuko mu gihe Kristo yavugaga ayo magambo, ubwiza bw’Imana bwarabagiranaga mu maso ye, maze abamwumvaga bose barumirwa batinyishijwe n’igitinyiro cyera. Imitima yabo irushaho kumwiye gurira ku buryo butangaje kandi mu gihe umurunga ukomeye w’urukundo wabasabanije na Kristo, na bo ubwabo barushaho gusabana birushijeho. Byasaga naho ijuru ryabegereye, n’amagambo bumvaga akabagaragarira nk’ubutumwa buvuye kuri Data wa twese wo mu ijuru.

«Ni ukuri, ni ukuri ndababwira ko unyizera, imirimo nkora na we azayikora.» Umukiza yifuzaga cyane ko intumwa zisobanukirwa umugambi watumye ubumana bwihuza n'ubumuntu. Yazanywe mu isi no kugira ngo ahakurize icyubahiro cy'Imana, kandi ngo umuntu azahurwe n'imbaraga y'Imana ihindura. Imana yigaragarije muri we kugira ngo na we yigaragarize muri bo. Nta muco n'umwe Yesu yerekanye kandi nta mbaraga n'imwe yakoresheje umuntu atabasha guhabwa aramutse amwizeye. Abigishwa be bose bashobora kugera ku bumuntu bwe bwejeje nibashaka kwicisha bugufi bakagandukira Imana nk'uko yabikoze.

« Ndetse azakora n'iyiruta, kuko njya kwa Data.» Kristo avuze atyo, ntabwo yashakaga kuvuga ko imirimo y'abigishwa izarusha iye agaciro, ahubwo yavugaga gusa ko izaguka cyane ikagera kure. Ntabwo yavugaga iby'ibitangaza byonyine, ahubwo yavugaga umurimo wose uzakorwa kubw'imbaraga y'Umwuka wera.

Iri sezerano ryasohoye ku bigishwa igihe Umukiza yari amaze kuzamurwa ajyanywe mu ijuru. Kubambwa, kuzuka no kujyanwa mu ijuru kwa Kristo byabereye abigishwa ukuri kuzima. Bibonera ugusohora k'ubuhanuzi ijamba ku ijamba. Bagenzura mu Byanditswe byera kandi bemera ibyanditswemo bafite kwizera n'ubwishingizi kuruta uko bari bafite mbere hose. Noneho bari bamaze kumenya neza badashidikanya ko Umwigisha wabo wavuye ku Mana yari wa wundi wababwiraga ko ari we. Iyo bavugaga ibyo biboneye bagatangaza urukundo rw'Imana, imitima yabo yabaga ifite inyota kandi inyuzwe, nuko abantu benshi bakizera Umwami Yesu.

Isezerano Umukiza yahaye abigishwa be, ni ryo rihabwa itorero rye kugeza ku mperuka y'ibihe. Imana ntabwo yifuza ko umugambi wayo w'agahano yateguriye gukiza abantu, wagira umusaruro ugayitse. Abazemera kujya ku murimo bose, atari uko biringiye ibyo bashobora gukora bo ubwabo, ahubwo bizeye ibyo Imana ibasha kubakoresha ikorana na bo, bazabona uburyo iryo sezerano rizasohora ari ryo iri ngo : « Ndetse azakora n'iyiruta kuko njya kwa Data. »

Intumwa zari zitarasobanukirwa neza isoko n'imbaraga by'Umukiza bitagira akagero. Arababwira ati : « Kugeza none ntacyo mwasabye mu izina ryanjye. ³» Abasobanurira ko ibanga ryo gutsinda riri muri aya magambo : Gusaba imbaraga n'ubuntu mu izina rye. Azaba ari imbere ya Se kugira ngo abasabire. Amasengesho y'usaba yicishije bugufi ayagira aye nkaho icyifuzo kiri muri uwo mutima ari icye bwite. Isengesho ryose rimaramaje ryumvikana mu ijuru. Nubwo ryaba ritavuganywe ubutyoya, icy'ingenzi ni uko umutima uba uhamanya na ryo, rirazamuka rikagera mu buturo bwera aho Yesu akorera, maze akarijyana imbere ya Se ritunganye aryongeyeho imibavu yo kubonera kwe bwite.

Inzira yo gutungana no kubonera ntibuzemo ibisitaza, ariko mu ngorane izo ari zo zose dukwiriye gusobanukirwa ko turarikirwa gusenga. Nta kiremwa na kimwe gifite imbaraga kitahawe n'Imana. Isoko ikomokamo iyo mbaraga, umuntu naho yaba ari umunyantege nke kurusha abandi, abasha kuyigeraho. Yesu yaravuze ati : « Icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye nzagikora, kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we. Icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye nzagikora. »

Kristo yategetse abigishwa be gusenga mu izina rye. Intumwa za Kristo zikwiriye kujya imbere ya Data wa twese mu izina rye. Igitambo cyabatangiwe ni cyo kibaha agaciro mu maso y'Umwami Imana. Bamubereye ab'igiciro cyinshi kuko gukiranuka kwa Kristo kwabitiriwe. Urukundo rwa Kristo ni rwo rutuma Umwami Imana ibabarira abayubaha. Ntabwo areba ubuhenebere batewe n'icyaha, ahubwo abona umunyabyaha asa n'umwana we kuko ari we bizeye.

Umukiza ababazwa n'igihe abe batubahana ubwabo. Yifuza ko abo yatoranije bubahana bakurikije agaciro k'ikiguzi cyabo. Iyo Imana iza kuba itabitayeho ntiba yarohereje Umwana wayo ngo aze gusohozza inshingano yamubabazaga cyane, ari yo yabazaniye agakiza. Imana izi ibyo yabagirira kandi ikunda kwakira ibibazo byabo bibagora kugira ngo izina ryayo rihabwe icyubahiro. Bakwiriye kwitegura gukorera ibintu bikomeye, ariko nibizera amasezerano yayo.

Nyamara ibyo bisaba byinshi biruta gusenga mu izina rya Kristo. Bidusaba kwemera kugira imico nk'iye, kugaragaza umutima nk'uwe, no gukora imirimo nk'iye. Isezerano ry'Umukiza wacu hari icyo risaba. Yaravuze ati : « Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye. » Imana ikiza abantu, si ukugira ngo

bagume mu cyaha, ahubwo ngo bave mu cyaha; kandi abayikunda bazerekanisha urukundo rwabo kuyumvira.

Kumvira k’ukuri kose guturuka ku mutima. Ibyo Kristo yakoraga byose yabaga abishyizeho umutima we. Natwe nitubishaka azihuza cyane n’ibitekerezo byacu n’imigambi yacu, kandi azatuma imitima yacu n’ubwenge bwacu bihuza n’ubushake bwe; mu kumwumvira ntabwo tuzakora ibihuye na kamere yacu. Ubushake butunganye kandi bwejejwe buzanezewa no kumukorera. Nitumenya Imana nk’uko bikwiriye, imibereho yacu izahinduka ukumvira guhoraho. Nidushimishwa n’imico ya Kristo, tugasabana n’Imana, icyaha kizatubera ikizira.

Nk’uko Kristo yitondeye amategeko ari mu mubiri wa kimuntu, natwe dushobora kubigeraho nitugundira imbaraga ze. Ariko ntidukwiriye kugereka imitwari yacu ku bandi ngo dutekereze ko ari bo bakwiriye kutubwira uko tugenze. Ntibikwiriye ko dusaba kugirwa inama n’abantu, Uwitwaga ni we uzatwigisha inshingano zacu. Nitumusanga dufite kwizera, azaduhishurira ubwiru bwe twebwe ubwacu. Imitima yacu izacya igihe azatwegera kugira ngo dusabane, nk’uko yabigenjereje Enoki. Abiyemeza kudakora ikintu cyose cyababaza Imana aho bazaba bari hose, bazamenya uko bakwiriye kwifata mu byo bahura na byo byose. Ntabwo bazahabwa ubwenge gusa, ahubwo bazahabwa n’imbaraga. Nk’uko Kristo yabisezeranye azabaha imbaraga zihagije kugira ngo bashobore kumwumvira no kumukorera. Ibintu byose bya ngombwa abantu baguye mu cyaha bakeneye byahawe Kristo nk’umutware akaba ahagarariye bene Adamu. “Icyo tuzasaba cyose tuzagihabwa na yo kuko twitondera amategeko yayo tugakora ibishimwa imbere yayo.”⁴⁹

Mbere y’uko Kristo yitamba nk’igitambo gikuraho ibyaha, yashatse impano y’agahano kurusha izindi ashobora guha abigishwa be, impano izababashisha kugera ku masoko adakama y’ubuntu bwe. Yaravuze ati : “Nanjye nzasaba Data nawe azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose, ni we Mwuka w’ukuri. Ntibishoboka ko ab’isi bamuhabwa kuko batamurora kandi batamuzi, ariko mwebwe ho muramuzi, kuko abana namwe, kandi azaba muri mwe. Sinzabasiga nk’imfubyi, ahubwo nzaza aho muri.”

Umwuka wahoze mu isi mbere na mbere, uhereye mu bihe bya mbere by'umurimo wo gucungurwa yakoreraga mu mitima. Nyamara igihe Yesu yari akiri ku isi, abigishwa ntibari bazi ko bakeneye indi nkunga. Ahubwo igihe bari batakirikumwe na Yesu nibwo biyumvisemo ko bakeneye Umwuka, baramuhabwa.

Umwuka Wera ni umusimbura wa Kristo, ariko ntabwo yambaye umubiri wa kimuntu kandi ntagengwa na wo. Kristo ubwo yari yambaye umubiri wa kimuntu ntiyashoboraga kuba hose icyarimwe. Kubw'ibyo rero icyari gifitiye abigishwa inyungu ni uko Kristo ajya kwa Se ngo aboherereze Umwuka wera umusimbura hano ku isi. Guhera ubwo ntawe uzaba agikeneye kubana na Kristo ari mu mubiri ngo bavane ahantu bajyane ahandi. Kubw'imbaraga y'Umwuka wera, Umukiza yari agiye kubonwa na bese, ku buryo yari kuzaba bugufi bw'abigishwa be nk'iyo ataza kuzamuka ngo ajye mu ijuru.

“ Unkunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda mwiyerereke.” Yesu yarebaga ahazaza h'intumwa ze. Yabonaga hari umwe uzacibwa umutwe, akabona undi ajyanwa ku musaraba kumanikwa, akabona undi yoherwa mu nyanja, mu mabuye y'ikidaturwa, n'abandi barenganywa ndetse bakicwa. Arabakomeza, abahumuriza ko azabana na bo muri ibyo bigerageze byose. Iri sezerano ntiriyegere rita agaciro na rimwe. Umukiza azi ibintu byose bigera ku bagaragu be bamwizera; azi ababa mu magereza kubw'izina rye cyangwa abacirwa ku birwa by'ibidaturwa. Abahumurisha kubana na bo. Igihe umwizera ari mu rukiko rw'inkozi z'ibibi azira guhamya ukuri, Kristo aba amuhagaze iruhande. Urubwa rugeretswe ku mwigishwa we, ni Yesu ruba rushyizweho binyuze muri uwo mwigishwa we, Yesu akaba yongeye kubambwa. Iyo umwe afunzwe, Umukiza mu rukundo rwinshi amwoherereza amahoro yo mu mutima. Iyo hagize upfa amuzira, Kristo aramubwira ati : “Ndiho kandi ndi Uhoraho. Icyakora nari narapfuye ariko none dore mporaho iteka ryose, kandi mfite imfunguzo z'urupfu n'iz'ikuzimu.”⁵ Ubugingo butangwaho igitambo ku bwanjye, bubikiwe ubwiza bw'iteka ryose.

Ibihe byose n'ahantu hose, dufite imibabaro myinshi n'agahinda kenshi, igihe ibyo tubona ari umwijima n'ahazaza hacu hakaba huzuye agahinda, igihe twumva twambuwe byose ndetse turi n'intabwa, twohererezwa Umuhoya nk'igisubizo cy'isengesho ryo kwizera. Ibihe bigoranye bishobora kudutanya n'inshuti zacu zose zo ku isi; ariko nta kibaho na kimwe, nta ntera n'imwe byabasha

kudutandukanya n’Umuhuza wavuye mu ijuru. Aho twaba turi hose, naho tujya hose, iteka ryose ahora iburyo bwacu ngo adukomeze kandi aduhumurize.

Abigishwa bananiwe gusobanukirwa n’ubusobanuro bw’umwuka bw’ayo magambo, biba ngombwa ko Kristo abasobanurira. Akomeza ababwira ko azabigaragariza mu buryo bw’umwuka we. “Umufasha ni we Mwuka wera, uwo Data azohereza mu izina ryanjye, ni we uzabigisha byose.” Ntabwo muzongera kuvuga ko mutabisobanukiwe. Ntabwo muzongera kureba mutitegereza nk’urebera mu rwijiji. Muzashobora gusobanukirwa nk’abandi bera bese “uburebure bw’igihagararo n’uburebure bw’ikijyepfo bw’urukundo rwa Kristo, ruruta uko rwamenywa.”⁶⁹

Abigishwa bajyaga gushobora gutanga ubuhamya bw’imibereho n’umurimo wa Kristo. Kristo abakoresheje, yari agiye kubwira amahanga yose yo ku isi. Ariko gucishwa bugufi n’urupfu bya Kristo byari bigiye kubazanira ikigeragezo gikomeye ndetse no gucika intege. Kugira ngo nyuma y’icyo kigeragezo bazagire ijamba rizima, Yesu abasezeranya agira ati : “Uwo mufasha ni we Mwuka wera... azabibutsa ibyo nababwiye byose.”

Akomeza kubabwira agira ati : “Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntumubasha kubyihanganira. Uwo mwuka w’ukuri naza azabayobora mu kuri kose, kuko atazavuga kubwe ahubwo ibyo azumva nibyo azavuga kuko azenda ku byanjye akabibabwira, kandi azababwira ibyenda kubaho.” Imbere y’abigishwa be, Yesu yari akinguye umurima mugari w’ukuri. Nyamara byari bibakomereye cyane kuvangura inyigisho ze n’imigenzo n’imiziririzo no kwikuza by’abanditsi n’abafarisayo. Bari barigishijwe ko bakwiriye kumva ko inyigisho z’abigishamategoke ari nk’ijwi ry’Imana ubwayo: Imitima yabo n’ubwenge bwabo byiyandikamo inyigisho ya mbere bahawe. Ibitekerezo by’isi ndetse n’ubutunzi ni byo byari bifite umwanya munini mu ntekerezo zabo. Ntabwo basobanukirwaga imiterere y’iby’umwuka y’ubwami bwa Kristo, nubwo yari yarabahaye ubusobanuro bwinshi. Ubwenge bwabo bwari mu gihirahiro.

Ntibabonaga agaciro k’ibyanditswe byera bigishijwe na Yesu. Byasaga naho umugabane munini w’ibyigisho yabahaye byabapfiriye ubusa. Yesu yabonye ko batigeze basobanukirwa ukuri kw’amagambo ye. Yesu n’impuhwe nyinshi abasezeranira ko Umwuka wera azabibutsa ibyo yababwiye. Kandi yari yirinzwe

kubabwira ibintu batari biteguye kwihanganira. Ibyo ni byo Umwuka wera yajyaga kubigisha. Uwo mwuka yagombaga kubatera gusobanukirwa neza, kandi agatuma bakunda ibyo mu ijuru. Yesu yarababwiye ati : “Uwo mwuka w’ukuri naza azabayobora mu kuri kose.”

Umufasha yiswe Umwuka w’ukuri. Umurimo we ni uwo gutunganya no gukomeresha ukuri. Atangirira mu gutura mu mutima nk’Umwuka w’ukuri, uko niko ahinduka umufasha. Gufashwa n’amahoro ni byo bibanziriza ukuri, kuko hadashobora kubaho amahoro nyakuri n’ubufasha nyakuri hakiriho ubuyobe. Inyigisho z’ibinyoma n’imihango ipfuye, ni byo satani yifashisha ngo yigarurire imitima bigatuma ayobora abantu mu bitari umunezero nyakuri, akagoreka imico yabo. Umwuka wera avuganira n’ubwenge mu byanditswe byera maze akandika ukuri mu mitima; bityo agahishura ibyari amafuti akabyirukana mu mitima. Ni kubw’Umwuka w’ukuri Kristo yiha ubwoko bwe bwatoranijwe mu buryo bw’Ijambo ry’Imana.

Yesu mu gusobanurira abigishwa umurimo w’Umwuka wera, yashakaga kubagezaho umunezero n’ibyiringiro byuzuye umutima we. Yesu yashimishijwe no gutekereza ubutabazi bukomeye yari yarateganyirije itorero rye. Umwuka wera yari impano y’agahozo mu mpano zose yashoboraga gusaba ngo azikungaharishe ubwoko bwe. Umwuka wera yagombaga gutangwa kugira ngo aje ahindura abantu ibyaremwe bishya bitabaye bityo, igitambo cye cyajyaga kugira umumaro muke. Imbaraga z’umubi zagiye zikuza amajyambere mu bihe birebire kandi abantu bari barahaze muri ubwo bubata bwa satani, barituriza.

Kurwanya icyaha no kugitsinda nta kundi byajyaga gushoboka bidatwe n’uwa gatatu mu bumana; kuko atajyaga kuzanwa n’ubushobozi buke ahubwo yajyaga kwerekana ubwuzure bw’imbaraga y’Imana. Umwuka ni wo udushoboza kungukira mu murimo wakozwe n’Umucunguzi w’isi. Umwuka ni wo weza umutima; ni wo ubashisha umwizera kuba ufatanyaga na kamere y’ubumana. Kristo yatanze ukuzura kw’imbaraga y’ubumana muri uwo mwuka kugira ngo tubashe gutsinda ubugoryi bwacu, bwaba ubwo twarazwe n’ababyeyi cyangwa ubwo twikururiye kandi kugira ngo n’itorero na ryo rihabwe ikimenyetso cy’imico ye.

Yesu avuga iby’Umwuka wera, yaravuze ati : “Uwo azanyubahiriza.” Nk’uko Umukiza yazanywe no kubahisha Se yerekana urukundo rwe, niko n’Umwuka wera yajyaga kubahisha Kristo, asobanurira ab’isi ubuntu bwe. Ishusho

y’Imana ikwiriye kongera kugarurwa mu muntu. icyubahiro cy’Imana na Kristo gishaka ko ubwoko bwayo bugera ku kigero cyo kubonera kw’Imana.

“Uwo mwuka w’ukuri ubwo azaza azatsinda ab’isi, abemeze iby’icyaha no gukiranuka n’iby’amateka.” Kwigisha Ijambo ry’Imana ntacyo byari kumara hatabayeho gufashwa n’Umwuka wera guhoroaho. Ni wo wonyine ushobora kwigisha ukuri kw’Ijambo ry’Imana mu buryo bukwiye. Ukuri gushobora gukangura umutimanama no guhindura imibereho ari uko Umwuka wera agucengeje mu mutima. Umuntu ashobora kwimenyereza gusoma Ijambo ry’Imana, ndetse ashobora kwimenyereza amategeko yose n’amasezerano aboneka mu Ijambo ry’Imana, ariko Umwuka wera adacengeje ukuri mu mutima, umuntu ntiyashobora kumenekera kuri Rutare. Uko ubuhanga bwaba bungana kose, uko inyungu zangana kose ndetse n’icyubahiro yaba afite cyose ntibyashobora gutuma umuntu atanga umucyo hatabayeho gufashwa n’Umwuka wera w’Imana. Ntawe uzashobora kubiba imbuto y’ubutumwa bwiza ngo yungukirwe itamejwe n’ikime kivuye mu ijuru. Hataragira igitabo na kimwe cy’Isezerano rishya cyandikwa, hataragira ikibwirizwa cy’ivugabutumwa na kimwe kibwirizwa ku bya Yesu akimara gusubira mu ijuru, Umwuka wera yamanukiye intumwa zirimo gusenga. Ubwo nibwo byabaye ngombwa ko abanzi babo babatangira ubuhamya ngo : « None dore mwujuje i Yerusalemu ibyo mwigisha.⁷ »

Kristo yasezeraniye itorero rye kuryohereza impano y’Umwuka wera, ni ukuvuga ko iryo sezerano natwe ari iryacu nk’uko ryahawe abigishwa ba mbere. Ariko nk’uko andi masezerano yose ameze, iri sezerano na ryo hari icyo risaba. Hariho abantu benshi bigisha ko bizera isezerano ry’Umwami wacu, bavuga ibya Kristo n’iby’umwuka Wera, ariko nta nyungu igaragara babivanamo. Ntabwo bakunda kwisiga ubusa ngo bayoborwe n’Imana. Ntabwo umuntu ashobora kwifashisha Umwuka wera. Umwuka wera ni we utwifashisha. Kubw’Umwuka, Imana ikorera mu bayo « Kugira ngo ibatere gukunda no gukora ibyo yishimira.⁸ » Abantu benshi ntabwo bemera kwicisha bugufi ngo abayobore, kuko bikundira kuba ibyigenge. Ni yo mpamvu badahabwa iyo mpano mvajuru. Umwuka Wera ahabwa gusa, abategereza Imana bicishije bugufi, kandi bagashaka ubuyobozi n’ubuntu bwayo. Imbaraga y’Imana ihora itegereje ko bayisaba ngo bayihabwe. Iyo migisha yasezeranywe, iyo isabanywe kwizera itanganwa n’indi migisha y’uburyo bwose.

Umwuka wera atangwa nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo buri, ahora yiteguye guhaza umutima mu rugero ushobora kwakiramo impano ze.

Muri icyo kiganiro Yesu yagiranye n'abigishwa be ntabwo yigeze agaragaza agahinda ku bw'imibabaro ye ndetse n'urupfu rwe. Umurage uheruka yabasigiye ni amahoro. Yarababwiye ati : « Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye. Icyakora simbaha nk'uko ab'isi batanga, imitima yanyu ntihagarare kandi ntikuke. »

Mbere y'uko ava mu cyumba cyo hejuru Umukiza yaririmbanye n'abigishwa be indirimbo yo guhimbaza. Ijwi rye nta maganya yaryumvikanyemo, ahubwo amajwi meza y'indirimbo yajyaga aririmbwa kuri Pasika ngo :

«Mwa mahanga yose, mwe
Nimushime Uwiteka,
Mwa moko yose mwe,
Nimumuhimbaze,
Kuko imbabazi atugirira ari nyinshi,
Kandi umurava w'Uwiteka Uhoraho iteka
ryose. Haleluya.⁹»

Iyo ndirimbo irangiye bava mu cyumba cyo hejuru, maze banyura mu bantu bari buzuye mu mihanda basohokeye mu muryango wari werekeye ku musozi wa Elayono. Bagenda gahoro gahoro kuko buri wese yari yuzuwemo n'intekerezo ze bwite. Bagiyeye kwegera hafi y'umusozi Yesu avugana agahinda kenshi ati: “Mwebwe mwese iri joro ibyanjye birabahemuza, kuko byanditswe ngo: Nzakubita umwungeri umukumbi w'intama usandare.¹⁰” Intumwa zumvaga ayo magambo zumiwe kandi zibabaye. Bibukaga ikigusha cyatewe n'amagambo Kristo yavuze igihe yari mu isinagogi y'i Kaperinaumu, ubwo yiyerekanaga ko ari we mutsima w'ubugingo. Ariko abo cumi na babiri ntabwo bari bamusize. Mu ijwi rya bagenzi be Petero yari yarahamirije Yesu ubudahemuka bamufitiye. Ubwo nibwo Umukiza yababwiye ati: “ Mbese sinjye wabatoranije uko muri cumi na babiri? None dore umwe muri mwe ni umwanzi.¹¹” Mu cyumba cyo hejuru, Yesu yari yaravuze ko umwe muri abo cumi na babiri ari bumugambanire, kandi ko Petero aza kumwihakana. Ariko noneho muri ayo magambo bose bari bavuzwemo.

Ariko Petero arirenga arahamya ati : «Naho ibyawe bose byabahemuza, ariko njye sindi buhemuke.» Yari yamaze kuvugira mu cyumba cyo hejuru aya

magambo ngo : «Nzagupfira.» Yesu amubwira ko iryo joro aza kwihakana Umukiza we. Noneho Kristo yongera gusubira mu ijambo yari yamubwiye agira ati : «Ndababwira ukuri ko muri iri joro rya none, inkoko itarabika kabiri, wowe ubwawe uri bunyihakane gatau.» Ariko Petero akomeza guhamya yivuye inyuma agira ati: «n’aho byatuma mfana nawe, sindibukwihakane na hato. Nuko bose bavuga batyo.¹²» Bari biyiringiye cyane, ku buryo batinyutse kuvuguruza ubuhamya busubiwemo, bw’uwari uzi byose. Ntabwo bari biteguye guhangana n’ikigeragezo, nyamara bajyaga kumenya intege nke zabo ari uko bakigeze imbere.

Igihe Petero yavugaga ko yiteguye gukurikira Umwami we, haba muri gereza cyangwa mu rupfu yabivuganaga umutima utarimo uburyarya, ariko ntabwo yari yiyizi. Ibigeragezo by’ibihe bibi byari bigiye gushyira ahabona imbuto z’ububi zari zihishe mu mutima we; iyo ataza kumenya akaga karimo kumwoga runono, iherezo rye ryajyaga kuba iryo kurimbuka by’iteka ryose. Umukiza yamubonagamo kwikunda, no kwiyingira bizatera urukundo afitiye Kristo guhungabana. Ubumuga bw’uburyo bwinshi, ibyaha biticujijwe hiyongereyeho no kudashaka kurwanya ibigeragezo, ni byo byajyaga bigaragara mu bikorwa bya Petero bya buri gihe. Kristo, akoresheje gucyaha kugaragara, yamurarikiye gusuzuma umutima we ubwe. Petero yari akeneye kutiyingira we ubwe, ahubwo akagira kwizera kwimbitse muri Kristo. Iyo aza kuba yarakiranye uwo muburo kwicisha bugufi, aba yarasabye Umushumba w’umukumbi kuragira intama ze. Nk’uko igihe yari agiye kurohama mu nyanja y’i Galilaya yatatse ati : «Databuja nkiza¹³» maze Yesu akarambura ukuboko akamufata; ni nako yagombye kuba yaratakiye Yesu akamubwira ati : «Nkiza kwiyingira,» yajyaga kurindwa. Ariko Petero yibwiye ko Umwigisha atakimwiringira bituma bimubera nk’ubuhemu. Agushijwe n’uko gushidikanya kwe, Petero yinangirira mu mutekano upfuye.

Yesu arebana impuhwe abigishwa be. Ntabwo yangaga ko ibigeragezo bibageraho, ariko ntashobora kubasiga badafite ibibahumuriza. Abaha ibyiringiro by’uko azavunagura iminyururu y’urupfu kandi ko urukundo abafitiye rutazacogora na gato. Yaravuze ati: “Nimara kuzuka nzababanziriza kujya i Galilaya.¹⁴” Ibyiringiro by’imbabazi, Yesu yazitanze mbere yuko bamwihakana. Mbere yo gupfa no kuzuka kwe, bari bazi ko bamaze kubabarirwa, kandi ko igihe cyose bashobora guhora bishingikirije ku rukundo n’ineza bya Kristo.

Yesu yari kumwe n'abigishwa be mu nzira ijya i Getsemani, mu kibaya cy'umusozi wa Elayono, ahantu hitaruye aho yahoraga ajya kwiherera no gusenga. Yesu yari amaze gusobanurira abigishwa be umurimo we wo mu isi uwo ari wo n'isano y'iby'umwuka bakwiriye kuzajya bagirana iyo ari yo. Hanyuma ashaka gusobanura neza icyigisho cye. Ukwezi kwarasiraga ku muzabibu wari ufite uruyange. Yesu akebura abigishwa be ngo bawitegereze, maze awugiramo imfashanyigisho y'ikimenyetso.

Arababwira ati: “Ndi umuzabibu w'ukuri.” Mu cyimbo cyo gutoranya umukindo muremure cyangwa umwerezi w'inganzamarumbo cyangwa se umweroni muremure kandi munini ngo awigereranyeho, Yesu yakoresheje umuzabibu wizengurutsa ku cyo wuriraho. Umukindo, umwerezi n'umweroni ntacyo byishingikirizaho, bikura byonyine ntacyo byifashishije, mu gihe umuzabibu wo wizungururiza ku cyo wuriraho, ukabona gukura werekeza hejuru. Uko niko na Kristo mu bumuntu bwe yumvaga akeneye kugengwa n'imbaraga y'Imana. Yari yarigeze kubabwira ati : “Ntacyo mbasha gukora ubwanjye.”¹⁵

“Ndi umuzabibu w'ukuri.” Mu bayuda mu gihe cyose umuzabibu babonaga ari wo mfura y'ibimera byose, ukaba ikimenyetso cy'ubutwari n'ubwiza n'umusaruro unejeje. Isiraeli yari yaragereranijwe n'umuzabibu w'Imana watewe mu gihugu cy'isezerano. Ku bayuda, imfatiro z'ibyiringiro zo kubona agakiza byari kuba mu muryango w'Isiraeli. Ariko Yesu arababwira ati: “Ndi umuzabibu w'ukuri.” Ntimwibwire ko kuba umwisiraeli bihagije ngo umuntu asangire n'Imana kamere yayo no kuragwa ibyo yasezeranije. Ubugingo mu by'umwuka butangwa nanjye.

“Ndi umuzabibu w'ukuri, kandi Data ni nyirawo uwuhingira.” Data wa twese wo mu ijuru yari yateye uwo muzabibu w'icyatwa ku misozi yo muri Palesitina kandi ubwe ni we wari nyirawo. Benshi bakuruwe n'ubwiza bw'uwo muzabibu bamenye inkomoko yawo yo mu ijuru. Ariko mu maso h'abayobozi b'abisiraeli wari nk'ikigejigeji cyumburira mu butaka bwumye. Nuko bafata icyo gihingwa baragihondagura kandi bakiribatira munsu y'ibirenge byabo byanduye, bafite umugambi wo kugitsembaho by'iteka ryose. Ariko umuhinzi wawo wo mu ijuru ntabwo yaretse kwita ku gihingwa cye. Abantu bibwiye ko bamaze kuwukuraho, yarawufashe yongera kuwutera inyuma y'uruzitiro. Bityo igihimba ntabwo cyagaragaraga kandi ibitero by'abantu ntabwo byari bikiwugeraho. Ariko

amashami arakura arenga uruzitiro kuko yari afite inshingano yo kwerekana umuzabibu. Hakoreshejwe uburyo bwabo, amashami y'ingurukira yajyaga kongera guterwa ku muzabibu. Ayo mashami na yo yeze imbuto habaho n'umusaruro ku buryo abahisi n'abagenzi bazisahuye.

Yesu yabwiye abigishwa be ati : “Ndi umuzabibu naho mwe muri amashami.” Yari agiye kubakurwamo, ariko isano y'iby'umwuka yabahuzaga, yagombaga kugumaho. Yaravuze ati: nk'uko ishami riguma ku muzabibu niko namwe mukwiriye kuguma kuri njye. Ingurukira iterwa ku giti, imitsi igatungwa n'amakakama y'icyo giti igafata ubuzima bwacyo, ikomatana n'umuzabibu. Imibereho y'umuzabibu ni yo ihinduka imibereho y'iryo shami. Umutima wishwe n'ibyaha byawo n'ibicumuro byawo ubonera ubugingo mu isano ugirana na Kristo. Ubumwe buzanwa no kwizera ko Kristo ari we Mukiza we bwite. Umunyabyaha ahuza intege nke ze n'imbaraga za Kristo, ubuhanya bwe akabuhaza no kuzura kwa Kristo maze ubutebyi bwe bugahuzwa n'imbaraga ikomeye ya Kristo. Guhera ubwo agatunga Umwuka wa Kristo. Ubumuntu bwa Kristo bugahura n'ubumuntu bwacu, maze ubwo bumuntu bwacu bugafatanyaga n'ubumana bwe. Ubwo nibwo binyuze mu buryo bw'Umwuka wera umuntu agabana kuri kamere y'Imana maze akemerwa n'Imana binyuze mu Mwana wayo ikunda.

Igihe cyose iyo sano na Kristo imaze kubaho, umuntu aba akwiye kuyikomeraho. Kristo yaravuze ati : «Mugume muri njye, nanjye ngume muri mwe. Nkuko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye mu muzabibu, niko namwe mutabibasha, nimutaguma muri njye.» Ntabwo ari isano ya rimwe na rimwe, si isano inyurwamo. Ishami ni umugabane w'umuzabibu; uherye mu mizi ukagera ku mashami hariho ihuriro rihoraho ry'ubuzima n'imbaraga ndetse n'uburumbuke buzana umusaruro. Iyo ishami ritanyuwe ku muzabibu ntirikomeza kubaho. Ntabwo mwashobora kubaho mutandukanye na njye. Ubuzima nabahaye bugumishwaho n'umushyikirano uhoraho. Mutamfite ubwanyu ntimushobora gutsinda icyaha cyangwa ngo mugire ikigeragezo muhangana nacyo naho cyaba kimwe.

«Mugume muri njye nanjye ngume muri mwe.» Kuguma muri Kristo ni : uguhora wakira ku Mwuka we, ni ukugira imibereho yo kwicisha bugufi mu mirimo ye. Inzira ihuza umuntu n'Imana ikwiye guhora ari nyabagendwa; kandi nk'uko ishami rihora rinyunyuzaga amakakama y'umuzabibu uhoraho, niko natwe dukwiriye

guhora turi isanga n'ingoyi na Kristo, maze tugahabwa na we kwizera n'imbaraga no kubonera kw'imico ye. Imizi yohereza ibyo kurya yifashishije amashami bikagenda bikagera no ku dushami duto cyane. Ni muri ubwo buryo Kristo ageza muri buri mwizera wese imbaraga ikomeye y'iby'umwuka. Igihe cyose umutima ukomeje komatana na Kristo, ntabwo uzagwa isari cyangwa se ngo wononekare.

Imibereho y'umuzabibu igaragara mu mashami no ku mbuto zihumura. Yesu yaravuze ati : « Uguma muri nje nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite. » Kubwo kwizera nitubaho mu bugingo bw'Umwana w'Imana, imbuto zose z'Umwuka zizagaragara mu mibereho yacu.

« Data ni nyirawo uwuhingira, ishami ryose ryo muri nje ritera imbuto arikuraho. » Kandi nk'uko amahage aba ari inyuma y'umuzabibu, birashoboka ko ayo mashami nta sano yo kubaho aba afite, ubwo rero nta gukura kandi nta mwero wabaho. Ni nako hashobora kubaho isano na Kristo y'ibigaragara ariko nta bumwe nyakuri mu kwizera. Imyigishirize yo kwera yinjiza abantu mu itorero, ariko imico yabo n'imyifatire yabo ni yo yerekana ubucuti bafitanye na Kristo. Iyo batera imbuto ni amahage. Kwitandukanya na Kristo kwabo bibatera kurimbuka nk'ugutegereje ishami ryumye. Kristo yaravuze ati : «Umuntu utaguma muri nje, ajugunywa hanze nk'ishami ryumye maze barayateranya bakayajugunya mu muriro agashya.»

«Ishami ryose ryera imbuto, aryanganyaho amahage yaryo, ngo rirusheho kwera imbuto.» Mu bigishwa cumi na babiri bari barakurikiye Yesu, harimo umwe wari ugiye gucibwa nk'ishami ritera imbuto, abandi na bo bari bagiye kunyuzwa mu kigeragezo kirura nk'ishami rikaragirwa. N'impuhwe nyinshi, Yesu abumvisha umugambi wa nyiri uruzabibu. Kwanganyaho amahage birababaza, ariko rero Data ni we ukoresha imakasi yanganyaho amahage. Ntabwo akorana ukuboko guhubutse cyangwa umutima utabyitayeho. Hariho amashami akabakaba ku butaka akaba akwiriye kuyakura ku by'isi yishingirizaho byari byarayafasheho kugira ngo abone kuyerekeza mu ijuru ngo abone kwishingikiriza ku Mana. Ubwinshi bw'ibibabi by'imburamumaro binyunyuzwa ibyari kuzatunga imbuto, bigomba kvanwaho kugira ngo imirasire y'izuba ryo gukiranuka ibone aho inyura. Nyiri uruzabibu akata amashami atagira umumaro; kugira ngo azabone imbuto nyinshi kandi zishimishije.

«Yesu yaravuze ati : Ibyo nibyo byubahisha Data, ni uko mwera imbuto nyinshi.» Imana ibakoresheje, yifuza kugaragaza kwera, kugira neza n'impuhwe biyiranga. Nyamara, Umukiza ntabwo asaba abigishwa be gukoresha imbaraga kugira ngo bere imbuto. icyo abasaba gusa ni ukuguma muri we. Yaravuze ati : «Nimuguma muri njye, amagamo yanjye, akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa.» Kristo atura mu bigishwa be kubw'Ijambo rye. Iyo ni yo sano y'ubugingo yavugaga ubwo yavugaga ko bakwiriye kurya umubiri we kandi bakanywa n'amaraso ye. Amagambo ya Kristo ni yo mwuka kandi ni yo bugingo. Mu kuyakira umuntu aba yakiriye ubugingo bw'umuzabibu. «Umuntu abeshwaho n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana.¹⁶» Ubugingo bwa Kristo bubazanamo imbuto zeraga muri we. Mu kubaho muri Kristo ukifatanya na we, ukamwishingikirizaho kandi ukavana muri we ibyo kurya bigutunga biguhesha kwera imbuto zimeze nk'izo yeraga.

Mu kiganiro giheruka ari kumwe n'abigishwa be, Yesu yababwiye uburyo yifuzaga cyane kubabona bakundana nk'uko yabakunze. icyo kiganiro yacyibanzeho by'umwihariko cyane. Inshuro nyinshi yarababwiye ati : «Ndabategetse mukundane.» Itegeko rya mbere yabahereye mu cyumba cyo hejuru ryari iri: «Dore mbahaye itegeko rishya nk'uko nabakunze, abe ariko namwe mukundana ubwanyu.» Iri tegeko ryari rishyashya ku bigishwa, kuko kugeza icyo gihe bari batarakundana nk'uko Kristo yabakunze. Yesu yabonaga ko bakeneye kuyoborwa n'ibitekerezo bishya n'imigenzereze mishya; ko bagombaga kwihuza n'amahame mashya: ko ubugingo bwe ndetse n'urupfu rwe, kubera gusobanukirwa igitambo cye, byajyaga kubaha gusobanukirwa mu buryo bushya urukundo rwe. Umurimo w'ubuntu uko wakabaye ni umurimo uhoraho w'urukundo kwiya no kwitambaho igitambo. Buri saha yose y'imibereho ye yo ku isi yarangwaga n'imigendere y'urukundo rw'Imana yaturukaga muri Kristo. Abantu bose bazacengerwamo n'umwuka wa Kristo bazakunda nk'uko yabakunze. Amahame yari muri Kristo, ni yo azabatera kugirana amasano hagati yabo.

Urwo rukundo ni rwo bazamenyeraho abigishwa nyakuri, Yesu yaravuze ati: «Ibyo nibyo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye nimukundana.» Iyo abantu babaye isanga n'ingoyi, badahujwe ku ngufu cyangwa se inyungu, ahubwo bahujwe n'urukundo, baba bagaragaje ko hari imbaraga ikomeye ibagenga

itari imbaraga ya kimuntu. Ahari ubumwe bumeze butyo, haba hari ikimenyetso cy'uko ishusho y'Imana yagaragaye mu muntu kandi ko amahame mashya y'ubugingo aba yamwinjiyemo. Uko niko bigaragara ko kamere y'Imana ifite ubushobozi bwo kunesha imbaraga zidasanzwe z'icyaha, kandi ko ubuntu bw'Imana bushobora gutsinda inarinjye itsinda umutima w'umuntu.

Urukundo rumeze rutyo nirugaragara mu itorero, nta kabuza ruzatuma satani arakara. Kristo ntabwo yashyize imbere y'abigishwa be inzira yoroheje. Yarababwiye ati : Ab'isi nibabanga mumenye ko babanje kunyanga batarabanga. Iyo muba ab'isi, ab'isi baba barabakunze, ariko kuko mutari ab'isi, ahubwo nabatoranije mu b'isi. Nicyo gituma ab'isi babanga. Mwibuke ijamba nababwiye nti : «Umugaragu ntaruta shebuja. Niba barandenganije namwe bazabarenganya; niba baritondeye ijamba ryanjye n'iryanu na ryo bazaryitondera. Ariko ibyo byose bazabibagirira babahora izina ryanjye kuko batazi uwantumye uwo ari we.» Ubutumwa bwiza bukwira ahantu hose ari uko habaye intambara ikaze hagati yo kurwanywa, akaga, guhomba, n'imibabaro. Nyamara abasohozza iyo nshingano baba bagera ikirenge mu cy'Umwami wabo.

Byasaga nk'aho Kristo nk'Umucunguzi w'ab'isi adatsinze. Nk'intumwa y'imbabazi hano mu isi yacu, byasaga n'aho yaba yarahawe guhoza umugabane muto w'umurimo yifuzaga kwegura no gukiza. Imbaraga z'umwanzi zahoraga zirwanya umurimo we; ariko ntiyigeze acika intege. Yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi Yesaya agira ati : «Naruhijwe n'ubusa, amaboko yanjye yapfuye ubusa, nyakoresha ibitagira umumaro. icyakora nzacirwa urubanza n'Uwiteka, kandi Imana yanjye ni yo izangororera. None rero umva uko Uwiteka avuga ni we wambumbiye mu nda ya mama ngo nzabe umugaragu we, ngo mugarurire Yakobo Isiraeli amuteranirizweho, kuko ndi uwo kubahwa mu maso y'Uwiteka. Kandi Imana yanjye imbereye imbaraga.» Kuri Kristo iri sezerano ni we ryavuzweho ngo : «Ibi nibyo Uwiteka Umucunguzi wa Isiraeli Uwera we, abwira uwo abantu basuzugura. Uwo ishyanga ryanga urunuka, ikiretwa cy'abatware ati: Abami bazabireba bahagurukane n'ibikomangoma baramye ku bw'Uwiteka ugira umurava, Uwera wa Isiraeli wagutoranije. Kandi nzagukiza ngutangeho isezerano ry'abantu, kugira ngo uhagurutse igihugu, utume baragwa gakondo yabo yabaye umwirare, kandi ubwire imbohe zisohoke, n'abari mu mwijima uti: Nimugaragare!... Ntibazicwa n'inzara cyangwa inyota, kandi icyokere ntikizabageraho n'izuba

ntirizabica. Kuko uwabagiriye imbabazi azabajya imbere, akabajyana ku masoko y'amazi.¹⁷»

Yesu yishingikirizaga kuri aya magambo, maze ntagire akanya na gato aha satani. Mu gihe yari agiye gucishwa bugufi cyane agakozwa isoni, igihe agahinda kenshi kashenguraga umutima we, Kristo yabwiye abigishwa be ati :

«Umutware w'ab'isi araje kandi ntacyo amfiteho. Umutware w'ab'isi aciriweho iteka.» «Umutware w'ab'isi abaye igicibwa.¹⁸» Ijisho rya Yesu rya gihanuzi ryarabukwaga ibihe bibi bizaranga intambara iheruka. Yari azi ko ijuru ryose rizaba rinesheje ubwo azaba avuze ati : «Byose birarangiye.» Yari yatangiye kumva amajwi amuri kure y'indirimo n'ibyishimo no kunesha avugira mu bikari byo mu ijuru. Yari azi ko ubwami bwa satani bugize iherezo, kandi ko izina rya Kristo rizamamazwa kuva ku mpera y'isi ukageza mu yindi rigakwira isi yose.

Kristo yanezezwa no gutekereza uburyo azaha abigishwa be ibyo badashobora gusaba ndetse n'ibirenze ibyo bibwira. Yabivugaga afite igitsika umutima kuko yari azi ko iteka rikomeye ryaciwe uherye mbere yo ku kuremwa kw'isi. Yari azi ko ukuri guherekejwe n'imbaraga z'Ishobora byose z'Umwuka weru, kuzatsinda ibibi kandi ko ibendera ry'umusaraba rizazamuranwa ishema hejuru y'abigishwa be. Yari azi ko imibereho y'abigishwa be biringirwa izamera nk'iyeye: guhora batsinda, atari nk'uko hano ku isi babibona, ahubwo ni hiryu y'ibicu.

Yesu yaravuze ati : «Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri njye. Mu isi mugira umubabaro ariko ni muhumure nanesheje isi.» Yesu ntabwo yigeze agwa agacuhu cyangwa ngo acike intege: abigishwa be na bo bagomba kugaragaza kwizera kwihangana gutyo. Bagombaga kubaho nk'uko yabagaho, bagakora nk'uko yakoraga, bakamwishingikirizaho kuko ari we mutware wabo mukuru. Bakwiriye kugira ubutwari n'imbaraga no kwihangana, kugira ngo uko byamera kose bakabuze kubw'ubuntu bwe, nubwo ibigeragezo bikomeye byasa naho biri mu nzira yabo ngo bibabuze gutambuka, kugira ngo batsinde ibyo bigeragezo; aho kwiheba bakwiriye kugira ibyiringiro bishyitse aho abandi babiburira. Kristo yabahuje n'intebe y'Imana akoresheje umurunga w'izahabu, ni wo rukundo rwe rutagajuka. Ashaka ko bagira imbaraga ikomeye igenga isi ni yo mbaraga ituruka ku isoko y'Imana ishobora byose. Kugira ngo baneshe ikibi,

bahawe imbaraga ab'isi, urupfu cyangwa ikuzimu bidashobora gutsinda; kandi izababashisha kunesha nk'uko Kristo yanesheje.

Yesu ashaka ko gahunda y'ijuru, umugambi w'ubutegetsi bwo mu ijuru n'imikoranire myiza y'abo mu ijuru bigaragara mu itorero rye hano ku isi. Bityo akubahirizwa n'ubwoko bwe; maze Zuba ryo gukiranuka azamurikira mu isi n'umucyo urushaho gutangaza. Kristo yahaye itorero impano z'uburyo bwose kugira ngo abone umusaruro mwinshi w'icyubahiro cy'umurage we yikubitiye. Abe yabahaye impano n'ibyiza by'uburyo bwose kugira ngo babashe kumuhagararira ku buryo bukiriye, we utunze ubushobozi bwose. Itorero ryambitswe gukiranuka kwa Kristo, ni umurage we: muri ryo hagomba kugaragara ukuzura kose k'ubuntu n'urukundo rwe, kandi rikabikwiza hose. Kristo abona mu kubonera no gutungana k'ubwoko bwe, ingororano yo gucishwa bugufi kwe ndetse n'icyuzuzo cy'icyubahiro cye. Kristo akomeza kuba ihuriro riturukaho icyubahiro cyose.

Umukiza asoza inyigisho ze akoresheje amagambo yuzuye gushikama n'ibyiringiro. Hanyuma yuburira amaso mu ijuru, avuga amagambo yuzuye umutima we mu isengesho yavuze asabira abigishwa be agira ati : «Data igihe kirasohoye. Ubahiriza Umwana wawe, ngo Umwana wawe akubahishe, nk'uko wamuhaye ubutware ku bantu bose, kugira ngo abo wamuhaye bose abahe ubugingo buhoraho. Ubwo ni bwo bugingo buhoraho ko bakumenya, ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'Uwo watumye, ari we Yesu Kristo.»

Kristo yari arangije umurimo yari yahawe. Yari yubahishije Imana mu isi. Yari yamenyekanishije izina rya Se. Kandi yari yamaze gutoranya abazasigara bakora umurimo we mu bantu. Niko kuvuga ati : «Kandi nubahirijwe muri bo. Njye sinkiri mu isi, ariko bo bari mu isi, naho njye ndaza kuri wowe.

Data wera, ubarindire mu izina wampaye ngo babe umwe, nk'uko natwe turi umwe.» «Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira n'abazanyizwa n'ijambo ryabo; ngo bese babe umwe, nk'uko uri muri njye Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo na bo babe umwe muri twe. Jyewe mbe muri bo, nawe ube muri njye: ngo babe umwe rwose, ngo ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye, nkabakunda nk'uko wankunze.»

Kristo akoresheje aya magambo afite ikimenyetso cy'ubutware bw'ijuru, yegurira abo yatoranije mu maboko ya Se. Asabira ubwoko bwe nk'Umutambyi

mukuru wejejwe, nk’Umushumba ukiranuka, Kristo yashyize umukumbi we muni y’igicucu cy’Ishobora byose, mu bwihisho nyakuri. Yari asigaje kurwana intambara ikomeye na satani nuko arakabuza ajya gusakirana n’umwanzi.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 13:31-38; 14; 15; 16; 17.
2. 2 Abakorinto 4:18.
3. Yohana 16:24.
4. 1 Yohana 3:22.
5. Ibyahishuwe 1:18.
6. Abefeso 3:18,19.
7. Ibyakozwe n’intumwa 5:28.
8. Abafilipi 2:13.
9. Zaburi 117.
10. Matayo 26:31.
11. Yohana 6:70.
12. Mariko 14:29-31.
13. Matayo 14:30.
14. Matayo 26:32.
15. Yohana 5:30.
16. Matayo 4:4.
17. Yesaya 49:4,5,7-10.
18. Yohana 14:30;16:11; 12:31.

*** **

74. GETSEMANI



Umukiza ari kumwe n'abigishwa be, agenda buhoro yerekeza mu gashyamba ka Getsemani¹. Ukwezi kwaboneshaga imirasire yako yagaragariraga mu kirere kidafite ibicu. Amahema y'abagenzi yari atuje muri iryo joro.

Yesu yari yagiranye n'abigishwa be ikiganiro gishyushye; nyamara uko barushagaho kugenda berekeza i Getsemani, inyifafo ye yari ituje cyane, acecetse. Igihe kinini yajyaga aza kuhigira ndetse akanahasengera. Muri iryo joro ubwo Umukiza yari agiye kuhagirira imibabaro ye iheruka, yiyumvagamo agahinda kenshi atigeze agira. Mu mibereho ye ya hano ku isi, yajyaga agendera mu mucyo wo kubana

n'Imana. Nuko igihe yari mu ntambara, arwana n'abantu bakorerwamo n'umwuka wa satani, yashoboraga kuvuga ati : «Kandi uwantumye turi kumwe, ntiyansize njyenyine, kuko mpora nkora ibyo ashaka²...» Ariko icyo gihe bwo yasaga n'uwanyazwe umucyo w'Imana wabanaga na we ukamukomeza. Ubu bwo yari amaze kubarwa mu banyabyaha. Byari ngombwa ko yikorera umutwaro w'ibyaha by'abantu batuye iyi si yaguye. Gukiranirwa kwacu kose kwagombaga kugerekwa kuri uwo, utigeze kumenya icyaha. Icyaha kimugaragarira mu bubi bwacyo bukabije, umutwaro w'icyaha uramukomerera cyane, bituma agira ubwoba bwinshi ko ahari yaba yimwe by'iteka ryose urukundo rwa Se. Yibutse uburyo Imana yanga icyaha urunuka atera hejuru maze arataka ati : «Umutima wanjye afite agahinda kenshi kenda kunyica.»

Uko abigishwa bagendaga begera ako gashyamba niko bagendaga babona guhinduka gutunguranye k'Umwigisha wabo. Ntabwo bari barigeze bamubona ananiwe atyo kandi acecetse kandi nta n'ubwo bamubajije impamvu z'ako gahinda ke. Uko yateraga intambwe niko agahinda kiyongeraga. Yaradandabiranaga akenda kugwa. Abigishwa bashaka ahantu muri ako gashyamba yakundaga kujyamo,

bibwira ko Umwigisha wabo yashobora kuharuhukira. Intambwe yose yayiteraga bimugoye. Nk'urembejwe n'umutwaro udaterurika, yagaragazaga umubabaro aniha. Inshuro ebyiri zose byabaye ngombwa ko abigishwa be bamusigasira, kuko iyo bitaba ibyo yari kwitura hasi.

Bagiye kwinjira mu gashyamba, Yesu asiga abigishwa be bose uretse batatu gusa, abategeka kwisengera ndetse no kumusengera we ubwe. Aherekejwe na Petero, Yakobo na Yohana ajya hirya gato. Abo bigishwa uko ari batatu bari inkoramutima za Yesu, ni bo babonye ubwiza bwe kuri wa musozi, kandi babona Mose na Eliya bavugana na we, kandi bumvise ijwi riturutse mu ijuru. Kristo yari anejewe nuko bamuba hafi muri icyo gihe cy'urugamba rukomeye. Akenshi bajyaga bararana muri ubwo bwiherezo. Nuko bamara kuba maso no gusenga akanya gato, bagahita bisinzirira, bari hafi gato y'Umwigisha wabo, maze bwacya akabakangura ngo basubire ku murimo. Ariko ubu bwo yifuzaga ko babana maso ijoro ryose basenga, nyamara ntabwo yifuzaga kubahatira kugumya guhanga amaso umubabaro we.

Yaravuze ati : «Mugume hano mubane maso nanjye.»

Yigira hirya gato, ariko ntabwo hari kure ku buryo badashobora kumureba cyangwa kumwumva, maze arapfukama. Yumvaga icyaha cyamutandukanije na Se. Umworera wari muremure cyane, wijimye cyane, kandi ari mugari ku buryo byateraga umutima we guhinda umushyitsi. Ntabwo yagombaga gukoresha imbaraga ze z'ubumana kugira ngo akire uwo mubabaro. Nk'umwana w'umuntu yagombaga kwihanganira ingaruka z'ibyaha bya bene muntu; yagombaga kugerwaho n'umujinya w'Imana ihanisha igicumuro.

Imyifatire ya Kristo yari itandukanye cyane n'iyo yahoranye mbere. Imibabaro ye isobanurwa cyane n'aya magambo y'umuhanuzi ngo: «Byuka wa nkota we, urwane n'umushumba wanjye, urwane n'umuntu mugenzi wanjye, niko Uwituka Nyir'ingabo avuga.³» Nk'inshungu n'umwishingizi w'umuntu waguye Kristo yagezweho n'ubutabera bw'Imana. Yabonaga icyo ubwo butabera busobanura. Kugeza icyo gihe yajyaga asabira abandi, ariko ubu bwo na we ubwe yifuza umusabira yinginga ku bwe.

Yumvise ko ubumwe na Se bwavuyeho, Kristo atinya ko ku bwa kamere ya kimuntu afite atashobora kuneshya urugamba yari arimo arwana n'imbaraga z'umwijima. Mu butayu bw'ibigeragezo, ahazaza ha bene muntu hararwaniwe maze Kristo aranesha. Ubu bwo umushukanyi yari amusatiriye ngo barwane intambara iheruka intambara iteye ubwoba satani yimenyereje mu myaka itatu, igihe Yesu yari mu murimo we. Ibyo byose byari mu isibaniro ku bwe. Iyo Satani atsindwa ako kanya, ibyiringiro byose by'ubutware byari kuba biyoyotse, ubwami bwose bw'isi bukaba ubwa Kristo; satani akirukanwa burundu. Ariko iyo ashobora gutsinda Yesu, isi yajyaga kuba ubwami bwe, maze bene muntu bakajya mu bubata bwe by'iteka ryose.

Kristo mu gutekereza ingaruka zishoboka z'iyi ntambara, yatinyaga gutandukana n'Imana. Satani yabwiraga Yesu ko niyigira inshungu y'ab'isi b'abagome, azatandukana n'Imana by'iteka ryose. Satani amubwira ko azaba abaye umwe mu bagaragu be. Bitume atazongera kugirana umushyikirano n'ubwami bw'Imana.

Ariko se yungutse iki kubw'igitambo cyeye ? Mbese amakosa no kuba indashima by'abantu ntibyagaragaraga ko bitakigira rutangira? Nuko satani yereka Umucunguzi uko ibintu byifashe, ariko mu buryo buteye agahinda:

ubwoko bwishyira hejuru y'ubundi bwose kubera inyungu z'iby'umwuka n'ubutunzi bwo ku isi bwari bwaramutaye. Bashakaga kumwica kandi ari we rufatiro, ihuriro n'ikimenyetso cy'amasezerano yahawe ubwo bwoko ho umwihariko. Umwe mu bigishwa be bwite wateze amatwi inyigisho ze, kandi wari mu ba mbere bagize umurimo mu itorero, yari agiye kumugambanira; kandi n'undi urusha abandi kuba umunyamwete yari agiye kumwihakana. Bose bazamuhana? Kristo asuherezwa n'ibyo bitekerezo n'ubwoba bwo kubona abo yari yaragerageje gukiza kandi akabakunda urukundo rw'inshi bahinduka abagambanyi nka satani, bihinguranya umutima we. Intambara yari iteye ubwoba.

Igipimo gikwiriye cyatanze n'icyaha cy'ishyamba rye, abarezi be, umugambanyi ndetse n'igihano gikwiriye isi yashyaye mu bibi. Ibyaha by'abari mu isi byari kuri Kristo, bimuremereye cyane kandi yiyumvaga ashenjagwe n'umujinya w'Imana ukongora icyaha.

Yibonera neza igiciro gikomeye agomba gutanga kugira ngo akize umutima w'umuntu. Mu mubabaro we yari atumbiriye hasi, nko kugira ngo atarushaho gutandukana n'Imana. Atondwaho n'ikime cya nijoro cyamugwagaho uko apfukamyeye, ntabyiteho. Nuko mu minwa ye yumagaye hasohokamo ijwi ry'umubabaro, rigira riti: «Data niba bishoboka iki gikombe kindenge.» Ariko ahita yongeraho ati: «Ariko bye kuba uko nshaka ahubwo bibe uko wowe ushaka.»

Umutima w'umuntu ukeneye gufashwa igihe ubabazwa. Kristo nawe yumvaga muri we wese akeneye ubwo bufasha. Mu mubabaro we ukomeye Yesu yegereye abigishwa akeneye ko bagira icyo bamubwira cyo kumuhumuriza mu byo yari yaragiye abakomereshya kandi abarindisha mu mubabaro no mu kaga. Uwahoraga abafitiye amagambo y'urukundo, yarimo arwana n'umubabaro w'indengakamere; noneho yifuza ko bamusengera kandi na bo bakisengera. Mbega ukuntu uburiganya bw'icyaha bwamugaragariye buteye ubwoba! Umubi yaramugerageje cyane ngo ahari areke abantu bikorere umutwari w'ibyaha byabo ngo ahari yigumanire ubutungane bwe imbere y'Imana. Iyaba abigishwa be barabashije kumwumva, kandi bakamwemera, ibyo byari kumubera icyari kumuhumuriza.

Ahagurutse adandabirana aza aho yasize inshuti ze, ariko asanga basinziriye. Iyo aza gusanga barimo basenga basaba ubutabazi buva ku Mana kugira ngo batsinde imbaraga za satani, aba yarabibonyemo ikimuhumuriza, maze kwizera kwabo gushikamyeye kukamutera gukomera. Ariko ntabwo bitaye ku muburo yari yongeye kubasubiriramo igihe yababwiraga ati : «Mube maso musenge.» Bwa mbere abigishwa batewe ubwoba no kubona Umwigisha wabo wahoraga atuje kandi anyuzwe, noneho yuzuye umubabaro utavugwa, bari basenze mu gihe mu matwi yabo bumvaga ijwi ry'umunyamubabaro wamenyereye intimba. Ntabwo bari bafite umugambi wo guhana Umwigisha wabo, ariko basaga n'abataye ubwenge; bari kubyikuramo iyo bakomeza gusaba Imana. Bituma badasobanukirwa impamvu yo kuba maso ndetse no gusenga bashikamyeye byababashisha gutsinda ibigeragezo. Mbere yuko berekeza mu murima wa Getsemani, Yesu yari yabwiye abigishwa be ati : “Mwebwe mwese iri joro ibyanjye birabahemuza.” Bari bavuze bivuye inyuma ko biteguye kujyana na we ahantu hose, naho haba mu nzu y'imbohe ndetse no mu rupfu. Ndetse n'uwo muhamya Petero wirariraga aravugaga ati : “Naho bese bari buhemuke ariko njye sindi buhemuke.”⁴ Ariko abo bigishwa bari biyiringiye,

batitaye ku nama Kristo yari yabahaye, bituma batishingikiriza ku mutabazi wabo ukomeye. Iyo niyo mpamvu yatumye basangwa bahunikiye; igihe Umukiza yari akeneye impuhwe zabo ndetse n'amasengesho yabo byihutirwa. Na Petero ubwe yari asinziriye.

Intumwa ikundwa Yohana, wa wundi wajyaga aryama mu gituzo cya Yesu, na we yari asinziriye! Nyamara urukundo Yohana yari afitiye Umwigisha we, rwari rukwiye kumutera kuba maso! Muri icyo gihe cy'umubabaro utavugwa amasengesho ye yari akwiye guhuza n'ay'Umukiza we akunda cyane. Umucunguzi yari yaramaze amajoro menshi asengera abigishwa be ngo kwizera kwabo kudacogora. Muri ako kanya iyo Yesu aza kubaza Yakobo na Yohana iki kibazo ngo : “Mbese mubasha kunywera ku gikombe nzanyweraho? Ntabwo baba baratinyutse gushyirwa ngo : “Twabishobora.”⁵”

Abigishwa bakangurwa nuko bumvise ijwi rya Yesu, ariko ntibashobora kumumenya neza; kuko umubabaro wari mwinshi mu maso he. Yesu abwira Petero ati : « Simoni urasinziriye ! Harya ntumubashije kubana maso nanjye isaha imwe ? Mube maso musenge mutajya mu moshya. Umutima ni wo ukunze ariko umubiri ufite intege nke.» Intege nke z'abigishwa zabyutsaga imibabaro ya Yesu. Yatinyaga ko batashobora kwihanganira ibigeragezo byo kugambanirwa kwe n'urupfu rwe. Atabacyashye, arababwirako ati: «mube maso musenge mutajya mu moshya.» No muri icyo kibabaro ye, yashakaga kurengera intege nke zabo. Arababwirako ati: «umutima urakunze, ariko umubiri ufite intege nke.» Umwana w'Imana yari afite umubabaro mwinshi, arushye kandi ananiwe; ahindukira adandabirana agana aho yari yaturutse. Umubabaro we warushijeho kwiyongera. Yari afite agahinda kenshi ku buryo «ibitonyanga by'ibyuma bimeze nk'amaraso byamuvagaho bikagwa hasi.» Imyerezi n'imikindo ni byo byabaye abahamya batuje b'imibabaro ye. Ku bibabaro byayo havagaho ikime cyinshi kigatonyanga ku mubiri we urushye; byasaga naho ibyaremwe biri kuririra Umuremyi wabyo wari urimo kurwana n'imbaraga z'umwijima ari wenyine.

Mu gihe gito cyari gishize, Yesu yari ameze nk'umwerezzi utanyeganyega uhangana n'umugaru uhora umurwanya. Ibitekerezo binyuranye by'umutima wuje uburyarya wari waragerageje kumurwanya biba iby'ubusa. Nk'Umwana w'Imana, yari yarahagaze ashikamye, yambaye imbaraga z'ubumana. Ariko ubu bwo yari ananiwe ameze nk'urubingo ruhungabanywa n'inkubi y'umuyaga. Yari yegereje

iherezo ry'umurimo we anesha, ku ntambwe yose atera, agenda atsinda imbaraga z'umwijima. Nk'umaze guhabwa icyubahiro yajyaga avuga ubumwe afitanye n'Imana. Ubu noneho muri iri joro ricuze umwijima, ijwi rye ntiryumvikanaga nk'iryo kunesha; ahubwo ryari ryuzuye umubabaro wa kimuntu. Ayo magambo y'Umukiza yageraga ku bigishwa be bahunikiye, yari aya ngo : «Data niba bishoboka iki gikombe kindenge! Ariko bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka»

Abigishwa baba barashatse kwifuza kujya aho ari, ariko bari babwiwe kuguma aho, ahubwo bakaba maso kandi basenga. Yesu agarutse aho bari asanga na none basinziriye. Yifuzaga ko babana na we. Yifuzaga kumva abigishwa be bavuga amagambo yashobora kumuhumuriza maze akeyura umwijima wari umugose. Ariko : «amaso yabo yari aremereye. Ntibabona icyo bamusubiza.» Bakanguwe nuko aje, babona mu maso ye harimo ibyuya bivanze n'amaraso bibatera ubwoba. Ntabwo bashoboraga gusobanukirwa n'umubabaro we. «Nk'uko benshi bamutangiriraga, kuko mu maso he hononekaye, ntihase n'ah'umuntu, n'ishusho ye yononekeye ntise n'iy'abana b'abantu.⁶»

Yesu asubira aho yasengeraga kandi arembejwe n'umwijima mwinshi umugose agwa apfukamyeye. Muri icyo gihe cy'ibigeragezo ubumuntu bw'Umwana w'Imana bwahindaga umushyitsi. Muri icyo gihe ntabwo yasengeraga abigishwa be ngo kwizera kwabo kudacogora, ahubwo yasengeraga umutima we wari wuzuye agahinda kenshi kandi ari mu bigeragezo. Igihe giteye ubwoba cyari kigeze, ubwo ahazaza h'isi hagombaga gufatirwa ibyemezo. Imibereho y'abantu n'ahazaza habo byari biri ku munzani. Kristo yari agishobora kuba yakwanga kunywera ku gikombe cyateguriwe umuntu waguye. Igihe cyari kitararenga. Yesu yashoboraga kwihanagura icyuya cy'amaraso cyatembaga mu maso he, maze akareka umuntu akarimbukira mu cyaha cye. Yashoboraga kuvuga ati : Umunyabyaha nazire ibyaha bye, naho njyewe nisubiriye kwa Data.

Mbese Umwana w'Imana yari agiye kunywera ku gikombe gisharira cy'umubabaro no gukozwa isoni? Umukiranutsi yari agiye kwikorera umuvumo w'icyaha kugira ngo akize umugome? N'iminwa yumagaye kandi ihinda umushyitsi ya Yesu ivuga aya magambo ngo : «Data niba bidashoboka ko iki gikombe kindenga, ngo keretse nkinywerekereye ibyo ushaka abe ari byo biba.»

Inshuro eshatu zose asubira muri iri sengesho. Inshuro eshatu ubumuntu bwa Yesu, imbere y'igitambo giheruka bwashidikanyije, igitambo giheruka kandi gikomeye. Muri ako kanya amateka ya bene muntu yerekwa umutima w'Umucunguzi w'ab'isi. Abona ko abanyabyaha baretswe, kandi barishe amategeko y'Imana, nta kindi cyaba gisigaye kitari ukurimbuka buheriheri. Yerekwa umuntu ari mu bwihebe buteye ubwoba. Yitegereza imbaraga z'icyaha. Ibyago n'amaganya y'iyi si yaciriweho iteka, bimushyirwa imbere. Yesu ahita afata icyemezo. Yesu agomba gukiza umuntu icyo byamusabaga cyose uko cyaba kingana. Yemera umubatizo w'amaraso, kugira ngo abantu ibihumbi byinshi babone ubugingo buhoraho. Yavanywe mu bikari byo mu ijuru, ahari ubutungane bwose, umunezero n'icyubahiro, aje gukiza intama imwe yazimiye, isi yonyine rukumbi yaguye mu cyaha. Ntabwo yaretse inshingano yamuzanye. Yesu agomba kuba igitambo gikuraho ibyaha kuri bene muntu bari bapfuye bazize ibicumuro byabo. Isengesho rye, rirangwa no gukunda kwicisha bugufi, aho avuga ati : «Niba bidashoboka ko iki kindenga ngo keretse nkinywereyeho, ibyo ushaka abe ari byo biba.»

Yesu akimara gufata icyemezo agwa hasi nk'upfuye aho yagerageje kwibyutsa bimuruhije. Mbese abigishwa be bari bari he, ko bari bakwiye kuramiza Umwigisha wabo amaboko yabo kuko yari ananiwe kandi arushye; maze bakamwuhagira mu maso kuko yari yahindanye bituma yari atakigira ishusho y'abantu? Umukiza yabaye wenyine mu kwengera mu muvure, kandi nta n'umwe wo mu be wari kumwe na we.

Ariko Imana yasangiye n'Umwana wayo imibabaro ye. Abamaraika bitegereza umubabaro w'Umukiza igihe yari agoswe n'ingabo nyinshi z'abadaimoni, yarembejwe n'ubwoba bwinshi butavugwa, bwamuteraga guhinda n'umushyitsi. Ijuru ryose ryari ricetse. Nta nanga n'imwe yumvikanagamo. Iyo abantu bapfa bashobora kwibonera agahinda no kumirwa byari bifitwe n'ingabo zo mu ijuru, mu gihe Data wa twese yavanaga umucyo ku Mwana wayo akunda cyane maze akigizayo urukundo n'ubwiza yari yaramuhaye, nibwo baba barasobanukiwe neza uburyo Imana yanga icyaha urunuka.

Andi masi atigeze gucumura n'abamarayika bo mu ijuru, bitegerezanya amatsiko ngo barebe iherezo ry'iyi ntambara. Satani n'abamuyobotse, ingabo

z'abadaimoni, na bo ubwabo barebanaga amatsiko ako kaga gatewe n'umurimo wo gucungura umuntu. Imbaraga zo gukiranuka ndetse n'iz'umubiri byombi byari bitegereje icyo Imana isubiza ku isengesho rya Kristo yasenze gatatu kose n'igishyika cyinshi. Abamalayika b'Imana bari bifuje kuzanira igihumuriza icyo gikomangoma cy'ijuru, cyababazwaga bikomeye ariko ntibashobora kubyemererwa. Nta kayira k'ubutabazi kashyizwe imbere y'Umwana w'Imana. Nyamara muri ako kanya gateye ubwoba, ubwo intambara iteye ubwoba n'igikombe gitangaje cyari mu biganza bihinda umushyitsi by'umunyamibabaro wamenyereye intimba. Ijuru rirakinguka maze umucyo urasira mu mwijima muri ako gahe kadasanzwe, nuko maraika ukomeye uhagarara imbere y'Imana, wasimbuye satani hamwe yavuye akagwa ahagarara iruhande rwa Kristo. Uwo mumaraika ntabwo yari azanywe no gukura igikombe cy'imibabaro mu biganza bya Kristo, ahubwo yari azanywe no kumukomeza, kugira ngo akinywereho amwiringiza urukundo rwa Se. Yari azanywe no guha imbaraga Umwana w'Imana wari wambaye umubiri wa kimuntu, ubwo yari mu gusenga. Nuko amwerekaga ijuru rikingutse, n'abantu bazakizwa n'imibabaro ye. Anamwibutsa ko Imana Data wa twese irusha cyane satani ububasha, kandi ko urupfu rwe ruzatuma satani atsindwa by'iteka ryose, maze ubwami bugahabwa abera b'Isumba byose. Amubwira ko azitegereza imbuto z'imirimo ye ivunanye kandi ko azuzuzwa ibyishimo abonye abantu benshi bazakizwa by'iteka ryose.

Umubabaro wa Kristo ntabwo wari wacogoye, ariko ntabwo yari acyongeye gucika intege. Umuraba ntabwo wari wagatuza, ariko yari afite imbaraga zimubashisha guhangana na wo. Nuko asohoka muri icyo kigeragezo atuje kandi yiyumanganije. Amahoro y'ijuru yagaragaraga mu maso he nubwo hari hahindanijwe n'amaraso. Yari amaze kwihanganira ibyo umwana w'umuntu uwo ari we wese atashobora kwihanganira; kuko yari amaze gusogongera imibabaro y'urupfu mu cyimbo cy'abatuye isi bose.

Abigishwa bari bahunikiye bidatinze bakangurwa n'umucyo wari ugoze Umukiza. Bitegereje babona maraika yunamye hejuru y'Umwigisha wabo wari upfukamye asenga, yegamiza umutwe w'Umukiza mu gituzo cye, maze amwerekaga mu ijuru. Bumva ijwi rye rimeze nk'iry'indirimo iryohereye amatwi, rimubwira amagambo yo kumuhumuriza n'ay'ibyiringiro. Abigishwa bibuka ibyabaye ku musozi, igihe ishusho ya Yesu yarabagiranaga n'ubwiza bwari buri kuri Yesu mu

rusengero, kandi bibuka n'ijwi ry'Imana ryumvikanye mu bicu. Ubwo bwiza na none bwongeye kwigaragaza maze butamurura ubwoba bwose abigishwa bari bafitiye Umwigisha wabo. Yari akiri mu burinzi bw'Imana kandi marayika ukomeye yari yoherejwe kumurinda. Abigishwa bananiwe bongera guhunika kuko ibitotsi byari bibarembeje. Na none Yesu agarutse asanga basinziriyeyeho.

Yesu abitegereza afite agahinda, maze arababwira ati : « Musinzire noneho muruhuke, dore igihe kirenda gusohora, Umwana w'umuntu atangwe mu maboko y'abanyabyaha.»

Atararangiza kuvuga ayo magambo yari amaze kumva urusaku rw'abantu benshi bamushaka, niko kuvuga ati : « nimubyuke tugende, dore ungenza ari hafi.» Yesu nta gahinda k'umubabaro na gato yagaragazaga, igihe yagendaga asanga uwamugambaniye. Amaze guha intera abigishwa be arababaza ati : « Murashaka nde ? Baramusubiza bati : Ni Yesu w'i Nazareti », arababwira ati : «Ninjye.» Muri ako kanya marayika waje kumukomeza ahagarara hagati ye n'inteko y'abo bantu. Umucyo w'Imana umurika mu maso y'Umukiza ; maze igisa n'inuma kiramutwikira. Iyo nteko y'abagome b'abicanyi, ntiyari gushobora kwihanganira ubwo bwiza. Bose basubira inyuma nuko abatambyi, abakuru, abasirikari ndetse na Yuda ubwe bagwa hasi nk'abapfuye.

Marayika arigendera maze wa mucyo urashira. Yesu yari abonye akanya ko guhunga, ariko akomeza kuguma aho yituriye. Yari ahagaze hagati y'inteko y'abo bagome barambaraye hasi ku birenge bameze nk'abapfuye, we yuzuye imbaraga. Abigishwa be babireba bumiwe kandi bamazwe n'ubwoba.

Mu kanya gato biba birahindutse. Iyo nteko ireguka. Abasirikari b'abaroma, abatambyi ndetse na Yuda, bazenguruka Yesu impande zose. Basaga n'abari bafite isoni zitewe n'intege nke zabo, kandi batinyaga ko Yesu yashaka kwihungira. Umucunguzi yongera kubaza ati : « Ninde mushaka ? Abari aho bese bibonera ko ubari imbere ari Umwana w'Imana ariko bibuza kubyemera. Bongera gusubiza bati : «Ni Yesu w'i Nazareti » Yesu yongera kubabwira ati : « Mbabwiye ko ari njye, nuko rero niba ari njye mushaka, mureke aba bagende,» avuze atyo yerekana abigishwa be, kuko yari azi kwizera kwabo gukera ni cyo cyatumye abarinda ikigerageze ndetse n'ibigusha. Yari yiteguye kubapfira.

Yuda ntabwo yari yibagiwe umurimo we w'ubugambanyi. Ni we umutambyi mukuru yagendaga inyuma, kandi ni na we wari uyoboye iyo nteko mu gashyamba. Yari yahaye ikimenyetso abagenzaga Yesu ngo : « Uwo ndi busome ni we uwo mumufate.⁷» Nuko Yuda amwegera asa n'udafite icyo ahuriyeho nabo maze amuramburira akaboko nk'umuvandimwe, amusoma inshuro nyinshi amubwira ati « Ni amahoro Mwigisha !», maze asa n'urizwa n'agahinda kuko amubonye ari mu kaga.

Yesu aramubwira ati : «Mugenzi wanjye kora ikikuzanye ». Yesu ubwo yavugaga ayo magambo, umutima we washengurwaga n'agahinda niko kubaza Yuda ati : Yuda uragambanisha Umwana w'umuntu kumusoma !» Umuburo umeze utyo wari ukwiriye gukangura umutimanama w'uwo mugambanyi, ariko umutima wose w'icyubahiro, w'ubupfura n'ibambe rya kimuntu ntabwo yari akibiranganwa. Yari yamaze kwihandagaza atagishobora guhindukira ngo yihane. Yari yamaze kwiye gurira satani nta mbaraga na nke yari agifite zo kumurwanya. Yesu ntiyigeze yanga indamutso y'umugambanyi.

Nuko iyo nteko y'abantu ibonye Yuda atinyutse gukora ku muntu wari umaze guhabwa ikuzo mu maso yabo, na yo iratinyuka. Nuko bafata Yesu, maze biyemeza gufata icyemezo cyo kuboha ibiganza bye byahoraga bigira neza.

Abigishwa bari bibwiye ko Umwigisha wabo atemera gufatwa. Bibwiye ko imbaraga yabatuye hasi ikomeza kuhabagumisha kugeza igihe Yesu n'abari kumwe na we baza kugera aho bashobora kwihisha. Nuko bashengurwa n'intimba ndetse n'agahinda babonye baboshye ibiganza by'uwo bakundaga. Petero abibonye ashengurwa n'umujinya ; muri ako kanya akura inkota ye, ashaka kurwanirira Umwigisha we, ariko ntiyabigeraho kuko yahushije agaca ugutwi k'umugaragu w'umutambyi mukuru. Yesu abibonye atyo yinyugushura mu maboko y'abasirikai b'abaroma bari bamukomeje cyane, maze arababwira ati : « Nimurekere aho !» Atora ugutwi agushyira ahakomeretse; ako kanya uwo mugaragu arakira.» Yesu ahindukirira Petero aramubwira ati « Subiza inkota yawe mu rwubati kuko abatwara inkota bose, bazicwa n'inkota ! Mbese wibwira ko ntashobora gusaba Data akanyohereza abamaraika nonaha basaga legiyoni cumi n'ebyiri ? Legioni imwe kuri buri mwigishwa. Abigishwa barabazanya bati : « Ariko kuki atakwikiza ngo

natwe adukize ? Kugira ngo asubize igitekerezo cyabo cyari gihishwe mu mitima aravuga ati « Ariko bibaye bityo, ibyanditswe byasohora bite kandi ariko bikwiriye kuba ? Mbese igikombe Data ampaye ndeke kukinyweraho ?»

Icyubahiro abayobozi b'abayuda bari bafite nticyababujije kwifatanya n'abagenzaga Yesu ngo bamwice. Gufata Yesu wari umurimo ukomeye cyane ku buryo utakorwa n'abantu baciye bugufi gusa, abo batambyi bakuru b'indyarya baherekeje abarinzi b'urusengero ndetse n'abagome bayobowe na Yuda mu murima wa Getsemani. Mbega ubwoko bw'abantu bitwa ngo ni abanyacyubahiro! Bari inkubaganyi z'inkorabishungu kandi bakanezezwa n'ububi bwose bahiga umuntu nk'aho ari inyamaswa iryana!

Kristo ahindukirira abatambyi n'abakuru abahanga amaso maze indoro ye ibacengera mu mutima. Ntibazigera bibagirwa na rimwe mu mibereho yabo ijambo Yesu yababwiye ako kanya. Amagambo ye yari ameze nk'imyambi ityaye y'Uwiteka Imana Ishobora byose. Ababwirana icyubahiro ati: «Harya muhuruje no kumfata nk'uko muzira umwambuzi, mufite inkota n'inshyimbo ? Iminsi yose nahoranaga namwe mu rusengero nigisha, ko mutamfashe? Ijoro rikwiranye n'igikorwa cyanyu, ariko noneho iki ni igihe cyanyu ni icy'ubutware bw'umwijima.»

Abigishwa babonye Yesu yemeye ko bamufata bakamuboha, ubwoba burabasaga. Batewe agahinda n'uko yihanganiye gukozwa isoni, yaba we cyangwa se bo. Ntibashobora gusobanukirwa n'imyifatire ye no kuba atitaye ku bibi yagirirwaga. Bamaze kuzurwamo n'ubwoba n'agahinda kenshi, biyemeza gukurikiza inama Petero yari ababwiye : ibyo gutekereza gukiza amagara yabo. «Nuko bose baramuhana barahunga.» Yesu yari yavuze ko bazamuhana, yaravuze ati : “Dore igihe kirenda gusohora ndetse kirasohoye, ubwo muri butatane umwe akajya ukwe undi ukwe ariko sindi njyenyine kuko Data ari kumwe nanjye⁸”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 26:36-56; Mariko 14:32-50; Luka 22:39-53; Yohana 18:1-12.
2. Yohana 8:29.
3. Zekariya 13:7.
4. Mariko 14:27,29.
5. Matayo 20:22.
6. Yessaya 52:14.
7. Matayo 26:48.
8. Yohana 16:32.

75. IMBERE YA ANA N'IMBERE YA KAYAFA



Bambukana Yesu bamunyujije mu gashyamba no mu mirima ya Elayo bamugeza hakurya y'umugezi wa Kidironi; bamunyuzwa mu miharuro ituje y'i Yerusalemu kuko abantu bose bari basinziriye. Hari mu gicuku, maze urusaku rw'inteko yari imukurikiye imukoba rwumvikana muri iryo joro rituje. Kuko Umukiza yari aboshywe kandi arinzwe bikomeye, yateraga intambwe bimuruhije. Abari bamufashe baramubirigitana bamwinjiza mu ngoro ya Ana¹ wari umaze gusimburwa na Kayafa ku murimo w'ubutambyi bukuru. Ana yahoze ari umutambyi mukuru, ariko n'ubwo yari atakiri we, bamuhaga icyubahiro gikwiranye n'umutambyi mukuru kubera imyaka yari afite. Bamusabaga inama, kandi inama atanze bakazikurikiza nk'izitanzwe n'Imana. Bashimishijwe no kuba ari we babanza

kwereka Yesu wari wagizwe imfungwa y'abatambyi. Bifuzaga ko aba mu rubanza rw'iyi mfungwa kuko batinyaga ko Kayafa nta bunararibonye afite, bikaba byatuma adashobora kugera ku ntego bifuzaga kugeraho; noneho basanga uburiganya, uburyarya ndetse n'ubuhanga bw'umutambyi Ana ari byo byababashisha uko byagenda kose gucira Kristo ho iteka.

Yesu yagombaga kugezwa imbere y'urukiko rukuru rw'Abayuda ariko babanza gusuzuma ibye bari imbere ya Ana. Ubutware bw'Abaroma ntabwo bwari bwaremereye inama nkuru y'abayuda ububasha bwo gucira umuntu iteka ryo gupfa. Bagombaga kumva ibyo imfungwa iregwa, bagaca iteka ariko bikemezwa n'ubutegetsi bw'abaroma. Ni yo mpamvu byabaye ngombwa ko bateganya ibikorwa bya Yesu byagaragara ko ari icyaha imbere y'Abaroma; na none kandi bagashobora kubigaragaza imbere y'Abayuda ko bikwiriye kumwicisha. Abatambyi benshi

n'abakuru bari baratsinzwe n'inyigisho za Yesu, ariko gutinya gucibwa mu isinagogi ni byo byababuzaga kwihana ngo bitange. Abatambyi bibukaga cyane ikibazo cya Nikodemu ngo : «Mbese amategeko yacu acira umuntu urubanza batabanje kumva no kumenya icyo yakoze?² » Muri icyo gihe, iki kibazo cyari gihagije kuzana ibice muri iyo nama nkuru ndetse no kugwabiza umugambi wo kubamba Umukiza. Yosefu wo mu Arimataya na Nikodemu, icyo gihe ntibatamirwa; nyamara hari abandi bajyaga gutinyuka gusaba ko byanyura mu butabera. Urubanza ruyoborwa ku buryo abagize inama nkuru y'abayuda babogamira ku kurwanya Kristo. Abatambyi bifuzaga abayobozi babiri bo kumurega. Bumvaga y'uko nibashobora kwemeza ko Yesu yigereranya, ibyo bihagije gucirwaho iteka n'Abayuda. Na none kandi bumvaga ko nibashobora kumva ko ayobya abantu, na byo bituma Abaroma bamuciraho iteka ryo gupfa. Ana yihutira kubanza gushaka ikirego cya kabiri. Abaza Yesu ibyerekeranye n'abigishwa be n'iby'inyigisho ze, ashaka kugira ngo iyo mfungwa igire icyo ivuga cyayitera kugwa mu mutego. Yizeraga ko amwemerera ko yashinze agatsiko katazwi, afite umugambi wo gushyiraho ubwami bushya. Ibyo byari gutuma abatambyi bamushyikiriza Abaroma nk'umugome wica umutekano, ushaka gutera kwivumbagatanya.

Yesu yasomaga uwo mugambi mu mitima w'umutambyi nk'usoma mu gitabo kibumbuye. Atahuye ibitekerezo bihishwe by'uwo muntu wamubazaga, ahakana ko nta migambi y'ubugome afitanye n'abigishwa be kandi ko nta manama ya nyakijoro akora ngo ahishe imigambi ye; ahamya ko ibyigisho bye nta bwiru burimo. Yaravuze ati : «nigishije ab'isi neruye, iteka nigishirije mu masinagogi no mu rusengero aho abayuda bose bateranira, ntacyo navuze rwihishwa.»

Umukiza yerekana itandukaniro riri hagati y'imiterere ye n'ibikorwa by'abamurega. Bari bamaze amezi menshi bamuhiga, bashaka uko bamugusha mu mutego ngo babone uko bamurega rwihishwa no mu buriganya kuko ibyo batajyaga kubigeraho banyuze mu nzira zemewe. Noneho imigambi yabo yari isohoye. Kumufatisha ingabo nyakijoro, bakamutuka, bakamukwena ndetse bakamugirira nabi mbere yuko acirwa urubanza ndetse na mbere y'uko aregwa, iyo ni yo yari imikorere yabo ihabanye rwose n'imikorere ye. Imigenzereze yabo yari iyo kwica amategeko. Amabwiriza yabo bwite yavugaga ko igihe icyaha cy'umuntu kitaragaragazwa aba ari umwere. None ayo mabwiriza yaciragaho iteka abatambyi.

Yesu yitegereza uwamubazaga, maze aramubaza ati : «Urambariza iki?» Mbese abatambyi n’abakuru ntibahoraga bohereza abatasi kugira ngo bagenzure ibyo akora kandi bavuge ibyo avuga ? Mbese abo bantu igihe cyose ntibabaga bari aho yateraniye na rubanda ngo bajyane ibyo yigishije no kubishyikiriza abatambyi? «Abumvaga bari bo ubaza ibyo nababwiye niba bazi ibyo navuze?»

Icyo gisubizo cyahuraniye gicecekesha Ana. Yatinyaga ko Kristo yagira icyo avuga ku myifatire ye kuko yahoraga ayihisha; nicyo cyatumye atongera kugira ikindi amubaza uwo mwanya. Nuko umwe mu basirikari abonye ko Ana acecekeshejwe, azabiranywa n’uburakari maze akubita Yesu urushyi mu maso, aramubaza ati: « Uku niko usubiza umutambyi mukuru? »

Yesu aramusubiza ati : « Niba mvuze ikibi kimpamye. Ariko niba ari neza umpoye iki? » Ntiyatuma hari ijamba na rimwe ryo kwihorera risohoka. Igisubizo cye cyari cyuzuyemo umutuzo mwinshi kivuye ku mutima utagira icyaha, utarashoboraga kurangwamo umujinya.

Yakorwagaho cyane n’ibibi bamugirira, ndetse n’ibitutsi. Nta kibi na kimwe ibiremwa yiremeye bitamugiriye kandi yari aje kubitangira igitambo gihebuje. Mu kwera kwe gutangaje, yarababajwe cyane kubera ko yangaga icyaha urunuka. Cyari igitambo gikomeye cyane kuri we kubazwa n’abantu bamwitaga umwanzi wabo, kandi yashenguwe no kubona agoswe n’abantu satani yatwazaga igitugu. Yari azi neza ko akoresheje imbaraga z’Imana yaribatira mu mukugungu abo bose bari bamurembeje. Kumenya ko ashoboye ibyo byatumye ikigeragezo cye kirushaho gukomera.

Abayuda bari bategereje Mesiya uzaza afite kurabagirana kugaragarira amaso kandi kubw’igikorwa cy’ubushake gihebuje azahindura intekerezo zose z’abantu maze ahatire bose kumwakira nk’umwami. Maze muri ubwo buryo abayuda bumvaga ko Mesiya azigarurira byose agashyira mu bikorwa ibyirato byabo. Kristo yari mu bigeragezo bikomeye bamukubita bamunnye kugira ngo yerekane kamere ye y’ubumana. Ijambo rimwe ndetse igitsure gusa birahagije gutuma abamurenganya bemera ko ari Umwami w’abami n’ibikomangoma byose

n'abatambyi bakuru ndetse n'urusengero. Byaramukomereye cyane kwigumira mu mwanya yari yahisemo ari wo wo gufata ishusho y'umuntu.

Abamarayika bo mu ijuru bitegererezaga ikintu cyose gikorera umutware wabo bakunda. Bifuzaga cyane kumukiza. Kubwa gahunda y'Imana abamarayika bagira ububasha bukomeye; mu mwanya umwe bayobowe na Yesu bigeze kwica agahumbi n'inzovu umunani n'ibihumbi bitanu mu rugerero rw'Abashuri. Byari korohera abo bamaraika barebaga uburyo Yesu akozwa isoni mu rubanza, kugaragaza umubabaro wabo batsembaho abanzi b'Imana; ariko nta tegeko nk'iryo bahawe. Uwashoboraga kuba yarimbura abanzi be yahisemo kwihanganira ubwicanyi bwabo. Urukundo yari afitiye Se no kwibuka isezerano yasezeranye isi itararemwa ko azikorera ibicumuro by'abari mu isi; ni byo byamuteye kwihanganira ubugoryi bw'abo yaje gukiza atinuba. Kwihanganira imibabaro n'ibitutsi byose n'ibindi bibi bamugiriraga, byari umwe mu migabane y'umurimo we acyambaye umubiri wa kimuntu. Ibyiringiro by'abantu byose byari bishingiye ku gucishwa bugufi kwa Yesu n'iby'imitima n'amaboko y'abantu byajyaga kumugirira.

Nubwo nta rwitwazo na ruto Kristo yahaye abamuregaga, yaraboshywe kandi agaragara ko agiye gucirwaho iteka. Byari ngombwa ko habaho kurwana ku biba n'ubutabera, maze bakubahiriza ingingo z'urubanza rwemewe n'amategako. Abakuru bagira vuba kuko bari bazi uburyo rubanda bakunda Yesu; batinyaga ko ahari bagerageza kumukiza bamenye inkuru y'ifatwa rye. Ikindi kandi umunsi mukuru wa pasika wazaga gutuma hacamo icyumweru kimwe iyo urubanza rwe no gushyirwa mu bikorwa bitarangira ako kanya. Bityo, umugambi wabo ukaba wagwabizwa. Kugira ngo Kristo abambwe, abatambyi bagombaga kwifashisha induru ya rubanda n'inkorabusa z'i Yerusalemu. Kubitinzaho icyumweru byajyaga guhindura byinshi kuko batinyaga ko abantu benshi bajya mu ruhande rwa Kristo bakamushinjura basobanura imirimo ye itangaza yakoraga. Ibyo byajyaga gutuma rubanda rurakarira inama nkuru y'abayuda. Bajyaga kugaya ihohoterwa rya Yesu, maze yabohorwa bose bakamushagara.

Nuko abatambyi bakuru n'abakuru biyemeza gutanga Yesu mu maboko y'abaroma mbere y'uko umugambi wabo ushyirwa ahabona.

Ariko mbere na mbere bagombaga gushaka ikirego nyamukuru bamurega. Kugeza icyo gihe bari bataragira icyo babona. Ana ateguka ko bajyana Yesu kwa

Kayafa. Kayafa yari uwo mu bice by'Abasadukayo kandi bamwe muri bo bari abanzi-gica ba Yesu. Kayafa nubwo yari umunyantege nkeya mu bitekerezo, na we yari inkamba y'intababarira kandi we nta gushidikanya yagiraga nka Ana. Na we ntacyo yari gusiga atagerageje ngo Yesu yicwe. Hari mu museke hatarabona neza nuko abasirikari bari bafite amafumba n'imuri binjirana imfungwa mu ngoro y'umutambyi mukuru. Aho ngaho, mu gihe abagize inama nkuru y'abayuda bari bateranye Ana na Kayafa bongera guhata Yesu ibibazo; ariko biba iby'ubusa.

Igihe inama iteraniye mu cyumba cy'urukiko, Kayafa yicara ku ntebe nziza y'ubuyobozi. Iruhande rwe hari hicaye abacamanza n'abandi bari bafitiye amatsiko urwo rubanza. Abasirikari b'abaroma bari bahagaze ku izamu inyuma y'intebe Yesu yari ahagaze imbere, bose bari bamuhanze amaso. Urusaku rwari rwinshi cyane. Yesu wenyine ni we wari utuje, afite kwiyoroshya kandi azengurutse n'imbaraga yera.

Kayafa yabonaga Yesu nk'ushobora kumusimbura mu mwanya we. Ishyushyu rubanda rwamugiriraga ryo kumwumva n'uburyo bakiraga inyigisho ze banezerewe ni ryo ryateye umutambyi mukuru kumugirira ishyari. Nyamara igihe Kayafa yitegerezaga iyo mfungwa ye ntibyamubujije kumwitegereza atangazwa n'uburyo afite imyifatire ya gipfura kandi yiyubashye no kwemera ko uwo muntu umuhagaze imbere yaba ari uwo mu ijuru. Ariko bidatinze, ibyo arabyiyibagiza, maze amubwirana agasuzuguro ngo nakorere imbere y'abacamanza bimwe mu bitangaza bye bikomeye. Umukiza amera nk'utamwumvise. Abari aho bibatera kugereranya hagati y'igitsure n'uburyarya bwa Kayafa na Ana n'imyitwarire ituje n'icyubahiro bya Yesu. Abantu bafite imitima inangiye, batangira kwibaza niba uwo muntu umeze nk'Imana akwiriye gucirwaho iteka nk'umugome.

Kayafa amaze kubona ko ibintu bigenda bihinduka bibera Yesu byiza, ahita afata imyanzuro. Abanzi ba Yesu bari bakozwe n'ikimwaro. Bari bifuje rwose kumuciraho iteka ry'urupfu, ariko bayoberwa uburyo babigeraho. Igice kimwe cy'abagize inama cyari icy'Abafarisayo naho ikindi ari icy'Abasadukayo. Ntabwo bumvikanaga na gato bahoranaga amakimbirane batinya ko yabateza gutongana. Byari bihagije ko Yesu avuga ijamba rimwe gusa maze bagasubiranamo, uburakari bari bamufitiye bakaba ari bo ubwabo babugirirana. Kayafa yari abizi, nicyo

cyatumye yirinda ko habaho impaka. Ntihari habuze abakwemeza ko Kristo yacyashye uburyarya n'ubwicanyi bw'abatambyi n'abanditsi, ariko ntibyari ngombwa ko akoresha ubwo buhamya. Mu by'ukuri Abasadukayo bakundaga gukoresha iyo mvugo mu nama zabo berekana uburyarya bw'Abafarisayo. N'ubundi kandi, ubuhamya nk'ubwo ntacyo bwari kuba buvuze imbere y'Abaroma kuko n'ubundi bangaga ubwirasi bw'Abafarisayo. Birumvikana ko Yesu yanze kwemera imihango y'Abayuda kandi akavuga nabi imyinshi mu migenzo yabo atitaye ku makimbirane yari hagati y'Abafarisayo n'Abasadukayo, ko bahoraga bapfa imihango kandi ibyo nta cyo byari bibwiye Abaroma. Abanzi ba Kristo ntibatinyutse kumurega ibyo kuzirura isabato kugira ngo iperereza ridahishura umurimo we nyakuri. Iyo ibitangaza bye by'agakiza biza gushyirwa ahabona, abatambyi aho gushyigikirwa bari kurwanywa.

Baguriye abagabo b'ibinyoma ngo barege Yesu bavuga ko yagerageje gushyiraho ubutegetsu bwigomeka ngo barwanye abaroma; ariko babahase ibibazo bisubiraho kuko ibisubizo batangaga byavuguruzanyaga.

Mu itangira ry'umurimo we, Yesu yaravuze ati: “Nimusenya uru rusengero, nanjye nzarwubaka mu minsi itatu.” Iyi mvugo ya gihanuzi yashushanyaga urupfu no kuzuka kwe. Ariko urusengero yavugaga ni umubiri we.³⁹ Ayo magambo Abayuda bayahaye ubusobanuro nk'uko avuze, bagira ngo ni urusengero rw'i Yerusalemu. Mu byo Yesu yavuze byose, ni iryo jambo ryonyine abatambyi bakuru bifashishije bamurega. Biringiraga ko bizabafasha nibaramuka babeshyesheje iyo mvugo. Abaroma bari baritaye cyane ku gusana urusengero no kururimbisha. Ijambo ryose ryo kuruvuga nabi ryajyaga gutuma barakara cyane. Kuri iyo ngingo, Abaroma n'Abayuda, abafarisayo n'abasadukayo bashoboraga kuyihuriraho kuko bose barataga icyubahiro gikwiriye urwo rusengero. Ku iherezo, bashobora kubona abahamya babiri bavuga bativuguruzwa nk'uko byari byagendekeye abababanjirije. Umwe muri bo wari wemejwe n'ibiguzi bamuhaye, ajyana ikibazo ngo :“Uyu mugabo yaravuze ati: nshobora gusenya uru rusengero rw'Imana, maze nkarwubaka mu minsi itatu.” Ibyo byari uguhindura amagambo yavuzwe na Kristo. Iyo baza gusubiramo neza nk'uko yabivuze ibyo ntibyari gutuma inama y'abayuda imuciraho iteka ryo gupfa. Iyo Yesu aza kuba umuntu nk'uko abayuda babyibwiraga imvugo nk'iyi yari kuba ari kwigerezaho bidafite ishingiro kandi ntiyari kujya kwitwa ukwigereranya. Ndetse no muri ayo magambo yavuzwe n'abo bahamya b'ibinyoma, nta cyajyaga gutuma abaroma bavuga ko yakoze icyaha cyamwicisha.

Yesu ntiyagira ijambo avuga ryo kwiregura akomeza kubatega amatwi yihanganye yumva ibyo binyoma bamushinja. Ku iherezo, abarezi be babuze icyo bamurega baramwara maze bararakara cyane. Urubanza ntacyo rwari rugezeho byasaga n’aho ubugambanyi bwabo butsinzwe. icyari gisigariye Kayafa wari umaze kwiheba ni kimwe gusa, ni uguhatira Kristo kwishinja we ubwe. Umutambyi mukuru ahaguruka ku ntebe ye mu maso ye hagurumana uburakari bw’ubwari, ijwi rye n’imyifatire ye byagaragazaga ko kubwe yagombye kuba yishe iyo mfungwa imuhagaze imbere maze aramubwira ati: “Mbese ntiwiregura na gato? Ntiwumvise ibyo aba bakureze?”

Yesu aricecekerako. «Yararenganye ariko yicisha bugufi ntiyabumbura akanwa ke amera nk’umwana w’intama bajyanye kubaga cyangwa nk’uko intama icecekerako imbere y’abayikemura niko atabumbuye akanwa ke.⁴»

Nuko Kayafa yerekeza ukuboko kwe kw’iburyo ku ijuru maze abwira Yesu amagambo ati: “Ndabigusabye kubw’Imana ihoraho, tubwire niba uri Kristo, Umwana w’Imana.»

Kristo yumvise imvugo imeze ityo ntiyashobora guceceka. Niba hariho igihe cyo guceceka hariho n’igihe cyo kuvuga. Igihe cyose Kristo yabazwaga ibitamureba ntacyo yavuze. Yari azi neza ko igisubizo gitangwa gihita gitebutsa urupfu rwe. Ariko icyo kibazo cyari kibajijwe n’ufite ubutegetsi bwo hejuru cyane bwemewe n’ishyamba ry’abayuda kandi kibajijwe mu izina ry’Imana ishobora byose; Kristo ntiyashobora kwirengagiza kubahiriza itegeko. Mu yandi magambo, yari abajijwe isano afitanye na Se. Kristo yagombaga kwemeza neza kamere ye n’umurimo wamuzanye. Yesu yari yarabwiye abigishwa be ati:

“Umuntu wese uzampamiriza imbere y’abantu, nanjye nzamuhamiriza imbere ya Data uri mu ijuru.⁵” Muri uwo mwanya Yesu yashatse gukomereshya iyo nyigisho icyitegererezo cye bwite. Amatwi yose yari abanguye kandi amaso yose yari amuhanzeho, igihe yasubizaga ati: « Ndi we. » Umucyo wo mu ijuru umurika mu maso he ubwo yongeraga kuvuga ati : “ Kandi muzabona Umwana w’umuntu yicaye iburyo bw’ubushobozi bw’Imana aje ku bicu byo mu ijuru.”

Muri ako kanya ubumana bwa Kristo burabagiranira mu ishusho ye ya kimuntu. Umutambyi mukuru ahindira umushyitsi imbere y’amaso acengera y’Umukiza. Iyo ndoro yabaye nk’isoma ibitekerezo bihishwe by’umutambyi mukuru maze ituma umutima we ugurumana. Mu gihe cyakurikiyeho, umutambyi mukuru ntiyigeze yibagirwa ibibazo yabajijwe, n’amaso y’Umukiza wari uri kurengana.

Yesu aravuga ati: “Kandi muzabona Umwana w’umuntu yicaye iburyo bw’ubushobozi bw’Imana aje ku bicu byo mu ijuru.” Muri iyi mbonerahamwe yashyizweho n’amagambo yavuzwe na Yesu, ibivuzwemo bizabisikana. Guhera ubwo Igikomangoma gitanga ubugingo n’ubwiza kigiye kuzaba cyicaye iburyo bw’Imana. Agiye kuba Umucamanza w’isi yose; kandi ibyemezo bye ntibizigera bijuririrwa. Ibihishwe byose bizashyirwa ahabona mu maso y’Imana, maze buri wese acirwe urubanza ruberanye n’ibyo yakoze. Ayo magambo ya Kristo atera umutambyi mukuru guhinda umushyitsi. Igitekerezo cy’uko hazabaho izuka ry’abapfuye igihe abantu bose bazahagarara imbere y’intebe y’imanza y’Imana ngo bahembwe ibikwiranye n’ibyo bakoze, gituma Kayafa amarwa n’ubwoba. Kayafa ntiyakundaga kwibaza igihe azabazwa ibyo yakoze. Nuko ipica y’urubanza ruheruka inyuzwa imbere y’amaso ye. Amara akanya yitegereza igitangaza giteye ubwoba: ibituro bigarura abari babirimo n’amabanga yibwiraga ko yahambwe by’iteka ryose. Yibona ahagaze imbere y’Umucamanza uhoraho witegereza ibintu byose, agasoma ibyanditswe mu mutima, agashyira ahabona ubwiru bwose buyirimo bwari bwarajyanye na yo mu mva.

Mu kanya gato, icyo gitekerezo gishira mu bwenge bwe. Umusadukayo wajyaga ahakana inyigisho z’umuzuko n’iz’amateka azacibwa n’ubugingo bw’ahazaza bimukomeretsa umutima, maze yuzurwamo n’uburakari bwa kidayimoni. Mbese uyu mugabo wari uhagaritswe imbere ye ari imfungwa, byashoboka bite ko akerensa inyigisho ze z’ingenzi? Nk’urwana ishyaka ryo gukiranuka ashishimura umwitero we maze avuga ko iyo mfungwa nta rundi rubanza rubayeho, ikwiriye gucirwaho iteka ryo gupfa kuko yigereraniye. Aravuga ati: «Turacyashakira iki abagabo dore noneho mwiyumviye kwigereranya kwe, muratekereza iki?» Bose bamucira urubanza ngo akwiriye kwicwa.

Ukwemera yari yagize kwivanze n’urwango kwerekana imyifatire ya Kayafa. Arakajwe n’uko adashobora kwibuza kwemera amagambo ya Kristo, aho

gutanyura umutima we kubera ukuri yumvise ngo ahamye ko Yesu ari we Mesiya, atanyura ikanzu ye y'ubutambyi; bityo yiyemeza kwinangira. icyo gikorwa cyari gifite ubusobanuro bwimbitse. Muri iki gikorwa cyakorewe gukaza umurego w'abacamanza ngo bacire Yesu iteka ryo gupfa, umutambyi mukuru yari yiciriyeho iteka we ubwe. Imbere y'amategeko y'Imana umutambyi yari yiyambuye umurimo we w'ubutambyi. Yari yiciriyeho iteka ryo gupfa.

Umutambyi mukuru ntiyagombaga gushishimura imyambaro ye. Itegeko ry'ubutambyi ryarabimubuzaga, ubikoze yagombaga gupfa. Mu gihe icyo ari cyo cyose, nta mpamvu n'imwe yemereraga umutambyi gushishimura umwitero we. Abayuda bari bafite umuhango wo gushishimura imyenda yabo ari uko umwe wo mu nshuti zabo yapfuye, ariko byari bibujijwe ko umutambyi akora ibijyanye n'uwo muhango. Kristo yari yarahaye Mose itegeko rivuga ibyo⁶.

Ikintu cyose umutambyi yambaraga cyagombaga kuba cyuzuye kandi kidafite inenge. Imyambaro y'umutambyi yerekanaga kwera kwa Kristo, we Mutambyi mukuru nyakuri. Imana ntiyagombaga kwemera ikintu kidatunganye cyaba umwenda cyangwa imyifatire, cyaba mu magambo cyangwa mu bitekerezo. Uwitaka Imana irera, n'umurimo wakorerwaga mu isi wagombaga kwerekana ishusho y'icyubahiro cye no gutungana kwe. Kwera k'umurimo wo mu ijuru, kwagombaga kwerekana mu buryo bukwiye n'ikintu icyo ari cyo cyose gitunganye. Umuntu kuko afite ubwenge bugerwa, ashobora gutanyura umutima we ngo yerekane kwicisha bugufi n'umutima umenetse. Ibyo Imana irabyemera. Ariko nta mwenge wagombaga kugaragara mu myambaro y'umutambyi, kuko ibyo bitajyaga kugaragaza neza kubonera kw'ibintu byo mu ijuru. Umutambyi mukuru wari gutinyuka kujya mu mirimo ye yera akagaragara mu buturo bwera yambaye imyenda icitse, byajyaga kugaragara ko yatandukanijwe n'Imana. Mu gushishimura imyenda ye, Kayafa yari amaze kunyagwa imico yo kwerekana iby'ijuru, no kuba atakwemerwa n'Imana nk'umutambyi uyikorera. Imyifatire ya Kayafa yari imbuto z'irari rya kimuntu kandi yahishuye kutabonera kw'imico ye.

Kayafa, mu gushishimura imyenda ye yari ahinduye ubusa amategeko y'Imana ayashimbuje imihango y'abantu. Amategeko yashyizweho n'abantu yemeraga ko umutambyi ashishimura imyenda ye, yumvise umuntu avuga

amagambo yo kwigereranya kugira ngo agaragaze akababaro ke. Uko niko amategeko y'abantu yari yarasimbuye amategeko y'Imana.

Amatsiko y'abantu yitaga ku gikorwa cyose cy'umutambyi naho cyaba gito cyane; nicyo yashakaga mu kugaragaza gutungana kwe. Ariko kubw'icyo gikorwa yari akoreye Kristo, yari atutse uwo Imana yahamije iti: "Izina ryanjye riri muri we."⁷ Ubwo rero Kayafa niwe ubwe wari wiciriyeho iteka ryo kwigereranya. Mu gihe yari amaze gucirwaho iteka n'Imana ubwayo, nibwo yihaye guciraho iteka Kristo ngo arigereraniye.

Kayafa mu gushishimura imyenda ye, yari agaragaje atabishaka uko ishyanga ry'abayuda rigiye kurebwa n'Imana guhera uwo munsu. Iryo shyanga ryahozе ryaratoranijwe n'Imana ryari rimaze gucana isano yaryo nayo kandi Uwitaka Imana Yehova bidatinze yari agiye kuryikuburaho. Igihe Kristo yavugiraga ku musaraba ati : "Byose birarangiye,"⁸ maze n'umwenda wo mu rusengero ugatabukamo kabiri, icyo gihe uwera wagizwe umurinzi yari amenyesheje ubwoko bw'abayuda ko bwanze uwo ibitambo byabo byasuraga, n'ibimenyetso byo mu masengesho yabo bikamwerekenye. Isiraeli yari imaze gucana umubano n'Imana. Byari bikwiriye ko Kayafa ashishimura imyambaro ye y'ubutambyi yashushanyaga umutambyi mukuru; bityo iyo myambaro ntacyo yari ikivuze haba kuri we cyangwa ku ishyanga rye. Umutambyi mukuru yari akwiriye kugaragaza agahinda atewe na we ubwe ndetse n'ishyanga ryabo, abigaragarishije gushishimura imyenda ye.

Inama nkuru y'abayuda yari yamaze kuvuga ko Yesu akwiriye gupfa; nyamara amategeko y'abayuda ntiyemeraga gucira urubanza imfungwa nijoro. Urubanza rwemewe n'amategeko rwagombaga kubaho amanywa aya n'inteko yose y'inama yuzuye. Nubwo byari bimeze bityo, Umukiza yafashwe nk'umwicanyi w'umugome acirwa urubanza kandi agirirwa nabi n'abantu barusha abandi kuba babi. Abasirikari n'inteko bari bateraniye mu kibuga cy'ingoro y'umutambyi mukuru. Yesu azererezwa muri iyo nteko y'abantu arinzwe n'abasirikari kandi impande zose bamukwenaga bavuga ngo yiyise Umwana w'Imana. Basekaga amagambo yakoresheje ubwo yagiraga ati: « Yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana aje ku bicu byo mu ijuru. » Mu gihe yari agitegereje ko bamucira urubanza rukurikije amategeko, nta burinzi yari afite kuko nta wari amwitayeho. Iyo nteko y'abagome batamwemeraga, kuko yari yabonye ubugome yagiriwe n'inama nkuru iboneraho akanya ko kumusenderezaho ubukana

bwa kidayimoni bw'uburyo bwose. Gukomera kwa Kristo n'imico y'ubumana byabyutsaga uburakari bw'abo banyabyago. Ubugwaneza bwe ndetse no gutungana kwe, kwihangana kwe gukomeye byababyukirizaga urwango rwa kidayimoni. Imbabazi n'ubutabera babiribatiye muni y'ibirenge byabo. Nta mugome n'umwe, nta mwicanyi n'umwe wigeze akorerwa ibibi bakoreye Umwana w'Imana.

Ariko hari agahinda kashenguraga umutima wa Yesu; ntabwo ari igipfunsi cy'ukuboko k'umwanzi kwamushenguye cyane. Mu gihe Yesu yasaga n'uri mu rubanza imbere ya Kayafa, umwe mu bigishwa be yari amaze kumwihakana.

Abigishwa bamaze guhana Umwigisha wabo mu gashyamba, babiri muri bo batinyutse kumukurikira ariko bagendera kure inteko yari ishoreye Yesu. Abo ni Petero na Yohana. Yohana yari azwi n'abatambyi ko ari umwigishwa wa Yesu, ni cyo cyatumye bamwinjiza. Biringiraga ko nabona uburyo bukojeje isoni Shebuja, azareka gukomeza kwizera ubumana bwe. Yohana amaze kwingingira Petero na we baramwinjiza.

Bari bacanye umuriro mu rugo kuko hari nijoro kandi hakonje, yari isaha yo mu museke. Hari itsinda ryari rikikije umuriro, maze Petero na we yigerezaho yegera umuriro. Ntabwo yifuzaga ko bamumenya, mu kwegera abo bantu yihinduranije, yibwira ko baza kumwitiranya n'umwe mu bazanye Yesu aho ngaho.

Ariko mu gihe ikirimi cy'umuriro kimuritse mu maso ya Petero, umukumirizi yitegerezanya amatsiko Petero, uwo muja yari yamubonanye na Yohana binjira, abona yahonze mu maso akeka ko ari umwigishwa wa Yesu. Kuko yari ari mu murimo wa Kayafa, ashaka kwimara amatsiko, maze abaza Petero ati : "nawe wari kumwe na Yesu w'i Nazareti?" Petero agira ubwoba agwa mu kayubi. Muri ako kanya abantu bose bamuhurizaho amaso. Petero abaye nk'utambyumvise, uwo mugore abisubiramo abwira abantu ko uwo mugabo yamubonanye n'abari kumwe na Yesu. Biba ngombwa ko Petero asubiza, amubwirana uburakari ati : «Mugore simuzi.» Uko niko kumwihakana bwa mbere, maze inkoko irabika. Yewe ga Petero we! Umaze kugirira isoni Umwami wawe? Wihakanye umwami wawe!

Mu kwinjira mu cyumba cyo kuburanishirizamo, Yohana ntiyashatse

guhisha ko ari umwigisha we, ntiyegeerana n'abantu babi batukaga Shebuja. Ntabwo bamubajije kuko atagerageje kwihinduranya ngo bitume bamukeka. Yiyicariye mu nguni aho abantu batamureba, ariko yari bugufi bwa Yesu uko bishoboka kose. Yari aho yashoboraga kwitegereza no kumva ibyakorwaga byose mu gihe baciraga Umwami we urubanza.

Petero ntabwo yari yashate kwimenyekanisha. Ariko kubera kwiyoberanya, yari yishyize mu mwanya w'umwanzi, bituma ibigeragezo bimugeraho vuba. Igihe yashakaga kurwanirira Umwigisha we yahagurutse nk'umusirikari w'intwari, nyamara igihe urutoki rw'agasuzuguro rwari rumutunzweho acika intege. Abantu benshi ntibatinya kurwanirira Umwami wabo, ariko iyo bagizwe urw'amenyo, kwizera kwabo kuracogora. Iyo umuntu yinjiye mu itsinda atari akwiriye kubamo, aba yishyize mu nzira y'ibigeragezo. Uko biri kose umuntu aba araritse umushukanyi, maze iherezo akavuga kandi agakora ibintu byose atajyaga gukora iyo aza kuba ahandi hatari aho. Muri iyi minsi yacu umwigishwa wa Kristo uhisha kwizera kwe kubera gutinya kubabazwa cyangwa urubwa, aba yihakanye Umwami we nk'uko Petero yagenje igihe yari mu rugo rw'umutambyi mukuru.

Nubwo Petero yasaga n'utitaye ku rubanza bari gucira Shebuja, mu mutima we hashengurwaga n'intimba kubera ibitutsi by'urukozasoni n'ibibi bakoreraga Yesu. Ikindi kandi yatangajwe, anarakazwa no kubona Yesu yemera ko bamucisha bugufi, agakozwa isoni we n'abigishwa be. Petero mu guhisha ibyari bimurimo nibyo byamuteye kujya kwihisha muri rubanda rwari ruri mu kurenganya Yesu. Ariko imyifatire ye ntabwo yari isanzwe. Ibikorwa bye byerekanaga ko abeshya, kandi nubwo yageragezaga kuvuga nk'utabyitayeho, ntiyashoboraga kwibuza kugaragaza umubabaro yaterwaga no kubona ibitutsi bari kuvundereza ku Mwami we.

Ku nshuro ya kabiri yongera kubona bamuhanze amaso, bamurega kuba umwigishwa wa Yesu. Nuko arirenga ararahira ati : “Sinzi uwo muntu muvuga uwo ari we.” Yongera guhabwa igihe. Hashize isaha, umwe mu bagaragu b'umutambyi mukuru mwene wabo w'uwo Petero yaciye ugutwi, aramubaza ati : «Harya sinakubonye uri kumwe nawe muri ka gashyamba?» Hashize umwanya muto, abari bahagaze aho baraza babwira Petero bati : «Ni ukuri nawe uri umwe wo muri bo ndetse n'imvugo yawe irakumenyekanishije.» Ayo magambo ahindisha Petero

umushyitsi kandi kuko abigishwa ba Yesu bari bazwi kubw'imvugo yabo iboneye, Petero washakaga kubeshya abamubazaga ngo atsimbarare ku byo yavuze atangira kwihakana Shebuja avuga amagambo yo kuvumana avanze n'indahiro. Noneho inkoko irabika. Petero ngo ayumve yibuka amagambo Yesu yari yaravuze ngo : «Inkoko itarabika kabiri, uri bunyihakane gatatu.⁹»

Ayo magambo mabi y'indahiro abaye akiva ku munwa wa Petero, ijwi riranguruye ry'isake ryumvikana mu matwi ye, ubwo nibwo Umukiza yahungije amaso abacamanza be ayahuzza n'uwo mwigishwa we wari mu kaga. Muri ako kanya ni nabwo amaso ya Petero yerekejwe ku Mwami we. Mu maso ye huje impuhwe nta mujinya waharagwaga, ahubwo haragwaga imbabazi n'umubabaro.

Umutima wa Petero wari umaze kwihakana shebuja wabaye nk'uhinguranyijwe n'umwambi arebye mu maso ha Yesu hahindanye kandi hononekaye, anabonye iminwa ye ihinda umushyitsi no muri iyo ndoro yagaragazaga impuhwe n'imbabazi. Wongera gukanguka. Agira byinshi yibuka birwanira mu mutima we. Yongeye kwibuka ko mu gihe gito cyashize yari yasezeraniye Umwami we ko bazajyana no muri gereza ndetse no mu rupfu, n'uburyo yumvise ababaye igihe Umukiza yamubwiraga bari mu cyumba cyo hejuru ko azamwihakana inshuro eshatu zose mu ijoro. Petero yari amaze guhamya ko atazi Yesu, ariko noneho yarebanaga umubabaro, uburyo Umukiza ubwe yari amuzi neza kandi akamenya gusoma ibiri mu mutima we, umutima Petero ubwe atashoboraga kumenya uburyo ushukana.

Petero yibuka urukundo n'impuhwe by'Umukiza n'ubuntu bwe no kwihangana kwe n'ubugwaneza agirira abigishwa be barorongotanye n'umuburo yahaye Petero ubwo yagiraga ati: «Simoni, Simoni, dore satani yabasabye ngo abagosore nk'amasaka ariko wehoho ndakwingingiyemo ngo kwizera kwawe kudacogora.¹⁰» Yatekerezanyaga ikimwaro ku kuba indashima kwe, ikinyoma cye n'indahiro ye maze agashengurwa n'agahinda. Na none yongera kwerekeza amaso ye ku Mwigisha we, yitegereje abona ukuboko k'ubugome guhagurukijwe no kumukubita mu maso. Adashoboye gukomeza kwihanganira kureba iyo pica, yihuta bwangu ava mu rugo umutima we ushengurwa n'intimba.

Agenda wenyine muri uwo mwijima atazi aho ajya, agiye kwibona abona ageze i Getsemani. Ibyo yari yahabonye mu masaha make yashize, byongera kugarukana umwete mu bwenge bwe: abona Yesu arira asengana umubabaro kandi arwana wenyine mu gihe abagombaga kwifatanya na we muri icyo gihe cy'ikigeragezo gikomeye, bari basinziriye; mu maso h'Umukiza hari hasuherewe, hatonyanga ibitonyanga by'amaraso kandi hahindanyijwe n'umubabaro mwinshi. Yibuka inama ikomeye yabagiriye ngo : «Mube maso musenge kugira ngo mutajya mu moshya.¹¹» Ipica y'ibyabereye mu rukiko yongera kumunyuzwa imbere. Mbega ukuntu umutima we washengukaga atekereje uburyo yongereye Umukiza umubabaro no gusuzugurwa! Nuko Petero apfukama aho Yesu yari yapfukamyeye yuzuye umubabaro atakambira Se, maze Petero yikubita hasi yubamye, yifuza gupfa.

Yesu yari yamusabye kuba maso no gusenga; aho gukora ibyo, Petero yarisinziriye bityo aba ahaye inzira icyaha cye gikomeye. Abigishwa bose bari bishyize mu kaga kubwo gusinzira mu gihe gikomeye. Kristo yari azi ikigeragezo gikomeye bagombaga gucamo. Yari azi ko satani yakoraga uko ashoboye kose ngo aremaze ubwenge bwabo kugira ngo be kwitegura icyo kigeragezo. Ni cyo cyatumye abaha uwo muburo. Iyo baza kumara mu gashyamba ayo masaha yose bari maso kandi basenga; Petero ntaba yaremereye intege nke ze kandi ntiyari kwihakana Umwami we. Iyo abigishwa baza kubana maso na Yesu mu gihe cy'umubabaro we, bari kuba biteguye imibabaro yo ku musaraba. Bari gusobanukirwa n'urugero rw'imibabaro yarushyaga Umwigisha wabo; bari kwibuka amagambo yakoresheje ahanura imibabaro ye, urupfu no kuzuka kwe. Imirasire y'ibyiringiro yari gutamurura umwijima wari ubagose muri icyo gihe cyo kugeragezwa, maze kwizera kwabo kugashikama.

Maze mu gitondo inama nkuru y'abayuda yongera guterana, Yesu agarurwa mu cyumba cy'inama. Yesu yari yavuze ko ari Umwana w'Imana, ni cyo cyatumye bakoresha ayo amagambo ngo bayagire ikirego nyamukuru. Ariko ibyo ntibyari bihagije kumuciraho iteka kubera ko benshi batari mu rukiko muri iryo joro, ngo babe barumvise ayo magambo. Kandi bari bazi neza ko mu rukiko rw'abaroma bataza kuyabonamo icyatuma acirwaho iteka ryo gupfa. Ariko ngo nibashobora kumva avuga ayo magambo n'umunwa we akayasubiramo, intego yabo iraba igeweho. Uko kwigira Mesiya bazabikoresha bagerageza kuvuga ko agandishiriza Leta.

Baramubwira bati : «Niba uri Kristo tubwire.» Ariko Yesu aricecekerera. Bakomeza kumuhata ibibazo. Yesu ageze aho, ababwirana agahinda ati: «Nubwo nababwira ntimwabyemera na hato kandi naho nababaza ntimwansubiza.» Umukiza yanga ko bagira urwitwazo basigarana, niko kubabwira uyu muburo ukomeye ngo : «Uhereye none Umwana w’umuntu azaba yicaye iburyo bw’ubushobozi bw’Imana.¹²»

Bose batera hejuru bati: «noneho uri Umwana w’Imana?» Arabasubiza ati : “Mwakabimenye ko ndiwe! Nabo bati : turacyashakira iki abagabo ko twumvise ubwacu abyivugiye ubwe?”

Nuko Yesu acirwaho iteka n’abatware b’abayuda ku nshuro ya gatatu ko akwiriye gupfa. Bavugana ko igisigaye ari uko Abaroma babemerera maze iryo teka rigakomezwa, bakamubaha.

Ku nshuro ya gatatu, bongera kumugirira ibya mfurambi bamukwena birenze ibikwiriye kugiririrwa umugome. Ibyo bikorerwa imbere y’abatambyi n’abakuru b’ubwo bwoko kandi nabo barabishima. Ikintu cyose cy’impuhwe za kimuntu nticyari kikirangwa mu mitima yabo. Iyo ibitekerezo byabo bitaza kugira ireme ngo bashobore kumucecekesha, bari gukoresha izindi ntware zakoreshezwaga ibihe byose ngo bacecekeshe abo bita ibigande, ni ukuvuga kubabaza cyangwa kurenganya, yemwe ndetse n’urupfu.

Igihe abacamanza bari bamaze gucira Yesu ho iteka, inteko y’abantu ifatwa n’uburakari bwa kidayimoni. Byari bimeze nk’inyamaswa zitontoma. Iyo nteko y’abantu yiroha kuri Yesu isakuza cyane ngo: ni umugome, akwiriye gupfa ! Iyo abasirikari b’abaroma batahagoboka, Yesu ntiyajyaga kumara akanya na gato ngo arinde ageza ubwo abambwa ku musaraba w’i Kaluvari. Baba baramutanyaguriye imbere y’abo bacamanza, iyo abo bategeka b’abaroma badakoma mu nkokora iyo nteko y’abantu bakoresheje abasirikari.

Abo bapagani bari bababajwe n’ibibi bikorerwa uwo muntu batagize ikibi babonaho. Abasirikari bakuru b’abaroma bavuze ko kuba abayuda bacira Yesu ho


iteka ryo gupfa barwanyije ubutegetsi bw'abaroma kandi ko gucira umuntu ho iteka ryo gupfa kubera amagambo yivugiye, bitemewe n'amategeko y'abayuda. Ibyo biba bigabanije ho gato uko urubanza rwagendaga ariko abatware b'ishyanga ry'abayuda, ntibari bakirangwamo impuhwe, kimwe nuko batari bakigira isoni.

Abatambyi n'abakuru batitaye ku cyubahiro cy'umurimo wabo, barega Umwana w'Imana amagambo atagira ishingiro. Bamuseka bavuga ko yigereranije yigira Mesiya, ibyo bikaba bikwiriye gutuma yicwa urupfu rw'urukozasoni. Abantu barusha abandi kuba bari bahemura Umukiza. Ku mutwe we, bahashyira umwenda ushaje maze abamurenganyaga bamupfuka mu maso bamukubita ibipfunsi bagira bati : “Duhanyirire Kristo, ninde ugukubise?” Nuko bamwambura umwambaro we, maze umwe mu bagome amucira mu maso. Abamaraika b'Imana bandikanaga ubwitonzi buri gikorwa cyose na buri jambo ryose na buri gitutsi cyose Umutware wabo bakunda yatutswe. Kandi rero igihe kizagera ubwo abo bagome baciriye mu maso hatuje ha Kristo, bazamubona mu bwiza bwe, mu maso he harabagirana kurusha izuba.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 26:57-75; 27:1; Mariko 14:53-72 ; 15 :1 ; Luka 22 :54-71 ; Yohana 18 :13-27.
2. Yohana 7 :51.
3. Yohana 2 :19,21
4. Yesaya 53:7.
5. Matayo 10:32.
6. Abalewi 10:6.
7. Kuva 23:21.
8. Yohana 19:30.
9. Mariko 14:30.
10. Luka 22:31,32.
11. Matayo 26:41. 12. Luka 22:68.

*** **

76. YUDA



Yuda yari gushobora kwemerwa n'Imana ariko aho kugira ngo bigende bityo, ashyira iherezo ku mibereho ye nabi. Iyo aza kuba yarapfuye mbere y'urugendo ruheruka rw'i Yerusalemu, yari kuba asize urwibutso rw'umuntu wari wagize amahirwe yo kubarwa mu

ntumwa cumi n'ebyiri; maze urupfu rwe rugasigaza icyuho muri zo. Ubugome bwakomeje kwizirika ku izina rye uko ibihe bihaye ibindi bwatewe n'umuco mubi yagaragaje ku iherezo ry'imibereho ye. Ariko ni kubw'umugambi imyitwarire ye yagaragaye. Ni cyo cyatumye abera akabarore abandi bose bazagambanira inshingano yabo yera.

Hasigaye igihe gito ngo Pasika ibe, Yuda yari yamaze kuvugurura amasezerano yagiranye n'abatambyi, ari yo yo kubaha Yesu. Bafata icyemezo cyo kuzafatira Umukiza hamwe mu ho yakundaga kwigira no gusengera mu rwiherero. Nyuma yo gusangira ifunguro baririye kwa Simoni, Yuda yari yagize amahirwe yo gutekerezwa ku gikorwa cye yari yiyemeje gusohozwa ariko yinangira ku mugambi we. Nuko agambanira Umukiza ku bice by'ifeza mirongo itatu bihwaye n'ikiguzi cy'umugaragu w'imbata kugira ngo Umwami w'icyubahiro akozwe isoni kandi yicwe.

Kubwa kamere ye, Yuda yari umuntu ukunda ifeza birenze urugero. Ntabwo yahoraga ari umuntu wononekaye ufite imigambi mibi ariko kubera gukomeza umutima w'ubugugu, ibyo byaganje imibereho ye burundu. Urukundo yakundaga Mamoni rwasumbaga cyane urwo yakundaga Kristo. Kubera kuba imbata ya kamere ye mbi, Yuda yiyeguriye satani na we aramuboha kugeza ubwo amukoresheje icyaha cy'urukozasoni.

Yuda yari yifatanije n'abigishwa mu gihe Kristo yari afite inteko nini. Ibyigisho by'Umukiza byuzuzaga umunezero umutima w'abamwumvaga banyuzwe mu masinagogi, mu bibaya by'inyanja cyangwa se ku musozi. Yuda yabonaga abarwayi, ibirema ndetse n'impumyi bava mu midugudu n'ibirorero biruka; yabonye barambika ku birenge bya Yesu abapfuye, yari yarabonye imirimo y'Umukiza itangaje igihe yakizaga abo barwayi akirukana abadaimoni kandi akazura abapfuye. Ndetse na we ubwe yiyumvagamo imbaraga ikomeye ya Kristo. Ibyigisho byaturukaga ku Mana byari byaramubereye iby'igicro cyinshi kuruta ibindi byigisho yari yaragiye yumva. Yari yarakunze uwo Mwigisha ukomeye, ndetse yifuza kumukurikira. Yifuzaga guhinduka ko mu mico ndetse n'imibereho, kandi yizeraga ko uko guhinduka bizaterwa n'isano azagirana na Yesu. Umukiza ntiyamwirukana ndetse amuha umwanya muri abo cumi na babiri. Umukiza amuha umurimo wo kubwiriza ubutumwa amuha imbaraga yo gukiza abarwayi no kwirukana abadaimoni. Ariko Yuda ntiyitanga wese ngo imibereho ye yose igengwe na Kristo. Ntarakareka irari rye ry'iby'isi n'urukundo yakundaga amafaranga. Nubwo yemeye umurimo yakoreraga Umukiza ntabwo yigeze yemera gutunganywa n'umurimo w'Imana. Yuda mu gukomeza gukerensa no kunnyega, yibwiraga ko azashobora kugumana ubwigenge bwe bwo gukomeza gukora ibyo ashaka n'ibyo yibwiraga.

Kubera icyubahiro cyinshi yari afite mu ntumwa, Yuda yakoreshega ubutware bukomeye. We ubwe yibonagamo imico y'ihoho maze akabona ko bagenzi be bari hasi cyane batameze nka we ngo babashe kumenya kugenzura no kugira ubuhanga nk'ubwe. Yabonaga ko batazi gukoresha amahirwe bafite no kumenya gukoresha igihe bahawe. Yuda yibwiraga ko itorero ritazashobora gukuza amajyambere riyobowe n'abo bantu bareba hafi gusa. Petero w'umunyabwira yabonaga ko azajya akora ahubutse. Kubwa Yuda, Yohana wahoraga ateze amatwi yitonze yumva ukuri kw'amagambo ava mu kanwa ka Yesu, yari umutindi w'impe zamajyo. Naho Matayo we, kuko kumvira yari yarabigize akamenyero agatanga raporo y'ukuri yitonze kandi agahora yita ku magambo yumvanye Yesu, Yuda yumvaga atamushinga umurimo ugomba ubushishozi n'umutima ucengera. Yuda yazengurukaga abigishwa bose akabitegereza maze akibwira ko itorero ryakumirwa ndetse rikamwara riramutse ridafite ubuhanga no kuyobora kwe. Yibonagamo umuntu ufite ubushobozi butagereranywa. Ntiyaburaga guhora atekereza ko kuba ahari ari icyubahiro gihawe uwo murimo.

Ku byerekeranye n'intege nke zo mu mico, Yuda yari impumyi yatsiratsije, ni cyo cyatumye Yesu amuha akanya ko kubyitegereza ngo abone uko yikosora. Yuda, nk'umucungamari w'abigishwa, yari ahamagariwe kumenya ubukene bwabo, akanaha abakene imfashanyo akurikije ubukene bwabo. Ubwo Yesu yamubwiraga bari mu cyumba bariragamo ibya Pasika, ati : "Icyo ukora gikore vuba,¹" abigishwa batekereje ko amutegetse kujya kugura ibya Pasika cyangwa se ubundi bufasha aha abakene. Mu gukorera abandi, Yuda yari gushobora kuhigira umutima utikunda. Ariko nubwo yumvaga inyigisho za Yesu, ndetse akamubonana umutima uzira kwikunda, Yuda yakomeje gushyonyagiza irari rye ryo gukunda ubutunzi. Udufaranga duke twahoraga mu ntoki ze, kuri we cyari ikigeragezo gihoraho. Kenshi iyo yabaga hari akarimo gatoya akoreye Yesu cyangwa agakoresha igihe cye akorera itorero yakoraga muri wa mutungo muto cyane akihemba. Nubwo yashoboraga kubona impamvu yiregura, mu maso y'Imana yari umujura.

Yuda yarashengutse ubwo yumvaga Yesu ahora avuga ko ubwami bwe atari ubw'iyi si kuko yari yarateguye gahunda Kristo yagombaga gukoreramo. Kubwa Yuda, Yohana Umubatiza yari akwiriye gufungurwa akavanwa mu nzu y'imbohe. Ariko dore yari yaraciwe igihanga. Aho kugira ngo Yesu aburane uburenganzira bwe bwo kuba Umwami ngo ahore urupfu rwa Yohana, yari yarajyanye n'abigishwa mu cyaro. Yuda ategura umugambi mubisha anarakaye kuko yatekerezaga ko umurimo wagenda neza kurutaho iyo Yesu adakoma mu nkokora abigishwa be maze akabareka bagasohozwa ibyo bibwiraga. Yuda yabonaga urwango rw'abayobozi b'abayuda, kandi agahora atangazwa no kubona uburyo ibibazo byabo bitabona ibisubizo iyo babazaga Yesu ngo abereke ikimenyetso kivuye mu ijuru. Umutima we wari umaze kuzurwamo no kutizera maze umwanzi amwuzuzamo ibitekerezo byo gukerensa no kwivumbura. Yibazaga impamvu Yesu ahora avuga ibitekerezo bica intege ati : kuki Yesu ahora ahanura ibigeragezo n'akarengane bizagera kuri we n'abigishwa be? Kubona umwanya w'icyubahiro mu bwami bushya, nibyo byari byatumye Yuda aza mu murimo wa Kristo. Mbese ibyiringiro bye byari bigiye kumukoza isoni ? Ntabwo Yuda yahakanaga cyane ko Yesu ari Umwana w'Imana, ariko yarashidikanyaga, ni cyo cyamuteraga gushaka kugira ubundi busobanuro ku mirimo itangaje ya Yesu.

Nubwo Yuda yahoraga yumva ibyigisho by'Umukiza yakomeje kugira igitekerezo cy'uko Yesu azima i Yerusalemu. Igihe ibihumbi bitanu byahazwaga,

Yuda agerageza gusohoza umugambi we; kuba yari mu bagaburiye iyo nteko nini yari ishonje, byamuhaye amahirwe yo kwibonamo impano nziza yahawe yo gukorera abandi. Yari yarasogongeye ku munezero uzanwa no guhora mu murimo w’Imana kandi yajyaga azanira Yesu abarwayi n’indembe zabaga ziri mu bantu. Yari yarabonye uburyo imbaraga y’Umukiza izana mu mutima w’umuntu ubuyanja n’ibyishimo n’umunezero kandi yari gushobora gusobanukirwa n’imikorere ya Kristo; ariko yari ahumishijwe n’irari rye ryo kwikunda. Bwa mbere Yuda yifuje kwikuza abitewe n’igitangaza cyo gutubura imitsima. Ni we wari wazanye igitekerezo cyo gufata Kristo ku ngufu bakamwimika akaba umwami. Ikimwaro cye cyabaye cyinshi nk’uko ibyiringiro bye byari byinshi cyane.

Amagambo Yesu yavugiye mu isinagogi yerekezaga ku mutsima w’ubugingo, yateye Yuda kumaramaza mu byo yibwiraga. Yumvise ayo magambo ngo : “Nimutarya umubiri w’Umwana w’umuntu, ntimunywe n’amaraso ye, nta bugingo muba mufite muri we.”² Nuko Yuda abona ko Yesu atanga impano z’umwuka, atari iby’isi bishira. Mu kwibwira ko ari umunyabwenge, atekereza ko Yesu nta cyubahiro ashaka kandi ko atazashobora guha abigishwa be imyanya yo hejuru; nicyo cyamuteye kutifatanya na Yesu akaramata ashaka uko yaziyufura. Yari agiye kujya agenzura uko ibintu bigenda.

Guhera ubwo akajya avuga ibitera gushidikanya bizana amacakubiri mu bigishwa yarabayobyaga akabazanamo impaka no gusubira mu magambo y’abafarisayo n’abanditsi bakoreshaga barwanya Kristo. Ibizazane n’amacakubiri byose kimwe n’ibisitaza byaba bito cyangwa binini byasaga n’ibitinza gukuza amajyambere y’ubutumwa, ibyo byahaga Yuda impamvu zo gushidikanya. Yasomaga amasomo yo mu byanditswe adafitanye isano n’ukuri Kristo yigishaga. Ayo masomo yambuwe ubusobanuro bwayo, yakuraga abigishwa umutima kandi akabongerera gucika intege kwahoraga kuboga runono. Yuda yabumvishaga ko yumvira umutimanama we. Maze mu gihe bagenzi be bashakaga igihamba cyo gutsindagira amagambo y’Umwigisha wabo mukuru, Yuda we yabayoboraga mu nzira inyuranye n’iyo. Uko niko mu kugira icyo yise ubwenge no kugira ishusho yo kwera, yagaragazaga ibintu mu buryo bunyuranye n’uburyo Yesu yabyerekanyemo maze amagambo ye akayaha ubusobanuro butari bwo. Inama za Yuda zari zigambiriye gutuma ahora aroha abigishwa mu nzira yo kurarikira iby’isi bishira; bityo akabazinura ku bintu by’ingenzi bari bakwiriye kwitaho. Muri rusange Yuda ni we wakundaga kuzana impaka kugira ngo bamenye umukuru muri bo.

Igihe Yesu yabwiraga wa musore w’umutunzi uburyo yamwakira ngo abe umwigishwa we, Yuda byaramubabaje cyane yibwira ko hari ikosa rikozwe. Abantu bameze nk’uwo mutware, batowe mu bizera, bajyaga gushyigikira cyane umurimo wa Kristo. Yuda yiyumvagamo ko afite ubushobozi bwo gutanga inama no gutekura imigambi yibwiraga ko ifitiye akamaro iryo torero ritoya. Amahame ye n’imikorere ye ntaho byari guhurira n’ibya Kristo, ariko yiyumvagamo ko ari umuhanga kurusha Umwigisha we.

Buri gihe hariho ibyo Yuda atashoboraga kwemera mu byo Yesu yabwiraga abigishwa be byose. Kubera imbaraga z’uwo mugambanyi, umusemburo w’amacakubiri wakoze vuba. Abigishwa ntibabonaga ako kaga, ariko Yesu yabonaga ko satani yagize Yuda igikoresho cye, kandi agiye kumwifashisha ngo ayobye abandi bigishwa. Nibyo Yesu yari yarababwiye hacyeho umwaka mbere yuko agambanirwa. Yesu yaravuze ati: “mbese sijye wabatoranyije ariko umwe muri mwe ni daimoni?”³⁹

Ariko ntabwo Yuda yarwanyaga inyigisho z’Umukiza ku mugaragaro. Mu ifunguro ryatangiye kwa Simoni, niho yagaragarije bwa mbere umutima w’ubugugu maze yivovota ku mugaragaro ubwo Mariya yasukaga amavuta ku birenge by’Umukiza. Gucyaha kwa Yesu kwamwujemo uburakari bukaze. Yuda agize ipfunwe, umutima we wo guhora uca ibihindizo byajyaga bimuzigaziga n’irari yashye igihe kirekire riramusaba. Ibisa bityo, bizagera ku bantu bose bagundira icyaha bakagumya gukina na cyo. Ibyiyumviro bibi bitarwanijwe ngo bitsindwe bizahora biha icyanzu ibigerageze kugeza ubwo umutima uzaba imbata yo gukora ibyo satani yifuza.

Yuda yari atarinangira ngo atsiratsize. Nubwo inshuro ebyiri zose yari yaragerageje kugambanira Umukiza yari agifite amahirwe yo kwihana. Mu gihe baryaga ifunguro rya Pasika, Yesu yaberetse ubumana bwe ahishura imigambi y’umugambanyi. Yari yaragize ubuntu butangaje yakira Yuda mu murimo wakorerwaga abigishwa. Ariko irarika riheruka ry’urukundo yari yararyirengagije. Nuko noneho uko Yuda yari agiye kuzamera bifatirwa icyemezo ndakuka maze ibirenge Yesu yari amaze koza byihutira gusohozwa umurimo w’ubugambanyi.

Yuda yaribwiye ati: niba Yesu agomba kubambwa icyo gikorwa nigikorwe vuba. Igikorwa cy'uko Umukiza yajyaga kugambanirwa ntacyo byajyaga guhindura ku byajyaga kuba. Kandi niba Yesu atagomba gupfa, ibyo bizamutera kwikiza ubwe. Uko byamera kose Yuda ntazabura inyungu z'uburiganya bwe. Yibwiraga ko mu gutanga Umwami we, akoze igikorwa cyiza.

Yuda ntabwo yigeze yemera ko Kristo azemera gufatwa. Yatekerezaga ko kumugambanira bizamuha isomo maze guhera ubwo Umukiza akajya amwubaha. Yuda ntabwo yari azi ko atanze Yesu kugira ngo yicwe. Ni kangahe Umukiza akoresheje ibyigisho biherekejwe n'imigani, yashoboboye kuvana mu nzira mbi abanditsi n'abafarisayo maze agatuma biciraho iteka bo ubwabo. Akenshi iyo ukuri kwabacumitaga mu mitima bararakaraga maze bagafata amabuye ngo bamutere, ariko igihe cyose yarabacikaga. Yari yaracitse imitego myinshi ku buryo Yuda yari yizeye rwose ko Yesu atazemera ko bamufata; ni cyo cyamuteye gukinisha icyo gishuko. Niba koko Yesu ari Mesiya, abantu yagiriye impuhwe nyinshi bagombaga kuza muni y'ibendera rye, maze bakamufata bakamwimika akaba Umwami. Ibyo byari gutera ab'imitima ishidikanya gufata icyemezo bakajya mu ruhande rwe. Yuda yari gushimishwa cyane no kuba yimitse Umwami, maze akamwicaza ku ntebe ya Dawidi icyo gikorwa cyari kumuhesha umwanya w'ibanze, akaba uwa kabiri kuri Yesu muri ubwo bwami bushya.

Nuko iyo ngirwa-ntumwa isohozwa umurimo wayo, igambanira Yesu. Nuko mu gashyamba igihe yabwiraga uyoboye igitero ati : “uwo ndibusome ni we uwo, mumufate mumukomeze,”⁴ yizeraga adashidikanya ko Kristo ari bubave mu nzara, kandi ko iyo baza kugira ibyo bamubaza abacitse, yari kwirwanaho ababwira ati : “Mbese sinababwiye ngo mumukomeze?”

Bizera ibyo yavuze maze Umukiza baramuboha cyane. Yuda atungurwa no kubona Umukiza yemeye ko bamujyana. Amukurikira ahagaritse umutima, bava mu murima basengeragamo, bagera imbere y'abatware b'ishyanga ry'abayuda aho urubanza rwari rugiyeye kubera. Buri kanya, Yuda yitegaga ibigiye kuba ko Yesu nk'Umwana w'Imana yatangaza abanzi be maze akagwabiza imigambi yabo bari bamufitiye. Ariko uko igihe cyahitaga, niko Yesu bamugiriraga ibibi byinshi, umugambanyi atangira kugira ubwoba bwo kuba yatanze Umukiza ngo apfe.

Urubanza rugiyeye kurangira, Yuda ntiyari agishobora kwihanganira akababaro aterwa n'umutima we. Nuko mu kanya, ijwi ry'amakaraza ryumvikanira muri icyo cyumba, ritera imitima yose guhinda umushyitsi rivuga riti : Kayafa, uwo muntu ararengana, ntugire icyo umutwara !

Babona Yuda araje, yari umugabo muremure, anyura mu bantu bumiwe. Mu maso hari hahindutse kandi ibitonyanga by'ibyuya byatonyagaga biva mu maso ye. Arasimbuka agana imbere y'intebe y'umucamanza ajugunya imbere y'umutambyi mukuru bya bice by'ifeza mirongo itatu yahawe ngo agambanire Umukiza. Nuko Yuda asingira ikinyita cy'umwenda wa Kayafa, maze amusaba kurekura Yesu, abumvisha ko nta cyaha yakoze gituma akwiriye gupfa. Kayafa bimuyobeye kandi ashidikanya, ahagurukana umujinya. Ubugome bw'abatambyi bujya ahabona. Byahise bigaragara neza ko baguriye uwo mwigishwa ngo agambanire Shebuja.

Yuda arataka cyane ati : “Nakoze icyaha kuko nagambaniye amaraso atariho urubanza.” Umutambyi mukuru amaze kongera kwicara, amusubizanya ijwi ry'agasuzuguro ati : “Biramaze ni ibyawewe.”⁵ Abatambyi, bari bashatse kugira Yuda igikoreshe, ariko bagaya ubugwari bwe. Nuko aje ngo yicuze ikosa rye, bamwigizayo.

Nuko Yuda yikubita ku birenge bya Yesu, yemera ko ari Umwana w'Imana maze amusaba kwikiza. Umukiza ntabwo yigeze agira icyo abwira uwo mugambanyi amugaya. Nyamara yari azi ko Yuda aticujije by'ukuri; umutima wo kutihanganira gukubwa ndetse n'urubanza rwajyaga gukurikiraho nibyo byateye umutima we kumera nk'uwicuza, ariko mu mutima we ntiharimo kubabazwa n'uko yagambaniye Umwana w'Imana ukiranuka maze akanga Uwera wa Isiraeli. Nyamara, Yesu nta jambo na rimwe yavuze ryo kumuciraho iteka. Yesu arebana Yuda impuhwe maze aravuga ati : “Iki ni cyo gihe cyatumye nza mu isi”.

Urusaku rukwira mu bari bateraniye aho. Uko Kristo yihanganiye umugambanyi we byabateye kumirwa. Bahise babona ko uwo muntu atari ikiremwa gisanzwe. Ariko ntibashoboye gusobanukirwa n'impamvu niba ari Umwana w'Imana koko atikura mu ngoyi y'abamufashe ngo aneshe abamurega.

Yuda abonye ko ibyo akora byose ari imfabusa, asohoka mu cyumba yihuta n'ijwi riranga ati : Byatinze cyane ! Byatinze cyane ! Yumvaga atakwihanganira kubaho ngo arebe Yesu abambwa maze mu bwihebe bwe bwinshi aragenda arimanika.

Muri uwo munsu ariko bitinzeho gato, mu nzira iva kwa Pilato igera i Kaluvari humvikanaga urusaku rw'inteko y'abagome baherekeje Yesu bamujyana aho ajya kubambwa, urwo rusaku ruraceceka. Iyo nteko inyuze hafi y'abo bantu ibona intumbi ya Yuda munsu y'igiti cyumye. Yari ipica iteye ubwoba. Umugozi yari yimanitseho wari waciwe n'uburemere bwe. Nuko Yuda aguye arasandara kandi imbwa zariho zimurya. Nuko muri ako kanya, ibisigazwa bye barabihamba ngo abantu be gukomeza kumureba; guhera ubwo gukwena kw'inteko kuragabanuka; kandi ku maso y'abantu hagaragaraga ibitekerezo bihishe mu mutima. Ibihano byasaga n'ibimaze kugera ku bantu bose bamaze kwishyiraho amaraso ya Yesu.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 13:27.
2. Yohana 6:53.
3. Yohana 6:70.
4. Matayo 26:48.
5. Matayo 27:4.

*** **

77. MU RUKIKO RWA PILATO



Kristo aboshye nk'imfungwa kandi akikijwe n'abasirikari bashinzwe kumurinda, ahagarara mu rukiko kwa Pilato umutegeka w'abaroma¹. icyumba nticyatinda kuzurwamo n'abantu b'indeberezi. Hanze bugufi bw'umuryango hari hahagaze abacamanza bo mu nama nkuru y'abayuda, abatambyi, abatware n'abakuru b'ubwo bwoko ndetse na rubanda rwa giseseka. Inama y'abayuda imaze gucira Yesu iteka, yasanze Pilato imusaba kubishimangira maze Yesu akicwa; abo banyacyubahiro b'abayuda

birinze kwinjira mu rukiko rw'abaroma : kubw'amategeko y'imihango, iyo binjira byajyaga kubatera igihumanya maze ntibemererwe kujya mu muni mukuru wa Pasika. Mu buhumyi bwabo ntibabashaga kubona ko urwango ruvusha amaraso rwamaze guhumanya imitima yabo mu gihe bari bamaze kwanga Kristo, we Mwana w'intama w'ukuri wa Pasika, ko iby'uwo muni mukuru ukomeye wari utakibafitiye ubusobanuro.

Igihe Yesu yinjizwaga kwa Pilato, uwo mutegeka yamurebye igitsure. Uwo mutegeka yari yasohokanye ihubi mu cyumba cy'e araramo kandi yari yafashe icyemezo cyo kutababarira iyo mfungwa kugira ngo arangize umurimo we ku buryo bwihuse. Yitegerezanya ubukana uwo mugabo watumye bahagarika amasaha ye y'ikiruhuko cya mu gitondo n'abatware b'abayuda na bo bakaba bifuza ko asuzuma ibye maze agahanwa byihutirwa.

Pilato yitegereza abari bamuzaniye Yesu, maze na none indoro ye icengera yongera kuyihanga kuri Yesu. Yari yaritegereje abicanyi b'uburyo bwose, ariko nta na rimwe bari barigeze bamuzanira umuntu utuje bingana bityo, yuzuye ineza n'ubupfura! Mu maso he nta kimenyetso cy'icyaha cyaharangwaga, nta kimenyetso

cy'ubwoba wamubonagamo haba no kwihandagaza cyangwa se kwigira indakoreka. Imbere ya Pilato hari umuntu utuje kandi w'imfura mu cyimbo cyo kugaragaraho ikimenyetso cy'ubugome, yahabonaga umuntu ugaragarwaho ikimenyetso cy'ijuru.

Ishusho ya Yesu yashyize ibitekerezo byiza muri Pilato maze bikangura muri we icyiza cyamubagamo. Yari yarumvise bavuga ibya Yesu n'imirimo ye. Umugore we yari yaramuganirije iby'imirimo itangaza yakorwaga n'umuhanuzi w'umunyagalilaya wakizaga abarwayi akazura abapfuye. Ibyo bigaruka mu mutima we bimeze nk'inzozu. Yibuka impuha zamugezeho zivuye ahantu hatandukanye. Ategeka ko abayuda bamuha ibimenyetso bifatika bashinja iyo mbohe.

Pilato aravugaga ati : uyu mugabo ninde kandi ni mpamvu ki yabateye kumunzanira ? Ibirego mumurega ni ibihe? Abayuda bari bamanjiriwe kuko batifuzaga kubarizwa mu ruhamu, bari bazi neza ko batari bushobore kugaragaza ibirego barega Kristo. Nuko bamusubiza ko ari umugabo wigereranya witwa Yesu w'i Nazareti.

Nuko Pilato arabakurikirana ati : « icyo murega uyu muntu ni iki ? » Mu cyimbo cyo guhita bamusubiza, abatambyi bagaragaza umujinya wabo maze baravugaga bati : « Iyo aba atakoze icyaha ntituba tumukuzaniye.» Igihe abagize inama nkuru y'abayuda bo bari ku isonga ry'ishyamba, bakuzaniye umuntu babona ko akwiye gupfa, mbese ni ngombwa kubaza ibyo ashinjwa ? Bibwiraga ko Pilato akwiye kwita ku myanya yabo, maze akita ku byo bamusaba atiriwe atinda ku bibazo by'ibanze. Bumvaga batindiwe no kumva ko iteka ryo gupfa bamusabira ryemejwe kuko bari bazi neza ko abahamya babonye imirimo ya Kristo itangaje nibaza, bavugaga inkuru itandukanye n'iyi abatambyi bahimbye.

Kubera imiterere ya Pilato w'umunyanteye nke kandi utinda gufata ibyemezo, abatambyi bibwiraga ko bagera ku mugambi wabo bitabagoye. Mbere hose byigeze kubaho, Pilato afata ibyemezo aca iteka ryo gupfa nta mpamvu zigaragaye. Ntabwo yitaga ku bugingo bw'imbohe, yaba arengana cyangwa yarakosheje, kuri we byari kimwe. Abatambyi bizeraga ko Pilato aza gucira Yesu urwo gupfa atabanje kumwumva, ibyo bakabimusaba mu gihe cy'umunsi mukuru w'ishyamba ryabo.

Ariko muri iyo mbohe habonekagamo ikintu cyatindije Pilato maze kimubuza kugenza atyo. Yavumbuye umugambi w'abatambyi bakuru kandi yibuka

ko mu gihe gito gishize, Yesu yari yazuye Lazaro wari umaze iminsi ine mu gituro; nuko mbere yo guca iteka ryo gupfa, Pilato yifuza kumenya ibirego baregaga Yesu kandi ngo hamenyekane ibimenyetso bibishyigikira.

Niba urubanza rwanyu n’iteka mwaciye ari iby’ukuri, kuki munzaniye iyi mbohe? “Nimumujyane abe ari mwe mumucira urubanza nk’uko amategeko yanyu ari.” Nuko noneho biba ngombwa ko abatambyi bemera ko bamuciriye iteka ariko ko bakeneye ko byemerwa na Pilato kugira ngo iteka ryabo rihome. Pilato arabaza ati : Urubanza rwanyu mwaruciye mute? Bamusubiza ko bamuciriye urwo gupfa ariko ko batemerewe kwica umuntu. Basaba Pilato kwemera amagambo yabo ko Kristo ari umugome, maze Pilato agakomeza guhamya iteka bamuciriyeho; na bo bakazabazwa ingaruka z’ibyo bakoze.

Pilato ntabwo yari umucamanza wibaza kandi w’umunyakuri; ariko nubwo mu miterere ye yari umunyanteye nke, ntabwo yifuzaga guciraho iteka Yesu keretse gusa ikirego kigaragara kibonetse.

Abatambyi bari bageze mu mpatanwa bumva ko bagomba guhisha uburyarya bwabo kure cyane hirya y’inyegamo. Ntabwo byari bikwiriye kugaragaza ko Yesu yazize impamvu z’idini, kuko bibaye bityo ibyo bari bagamije nta gaciro byagira imbere ya Pilato. Bari bakwiriye kumvikanisha ko Yesu ashobora kuba yahanwa nk’ugandira ubutegets. Urusaku no kwivumbagatanya byahagurukiye ubutegets bw’i Roma byahoraga byumvikana mu bayuda buri kanya. Abaroma bari bafite akamenyero ko gucubya nta kubabarira umugambi wose wo kwivumbagatanya.

Mu minsi mike yari ishize, abafarisayo bari bagerageje gutega Yesu umutego, bamubaza iki kibazo ngo : “Mbese amategeko yemera ko duha Kayizari umusoro cyangwa ntabyemera?” Ariko Yesu ahishura uburyarya bwabo. Abaroma bari bahagaze aho bibonera itsindwa ry’izo ndyarya kubera igisubizo Yesu yashubije ngo : “Nuko rero ibya Kayizari mubihe Kayizari, iby’Imana mubihe Imana.”²

Abatambyi bitirira Kristo igisubizo bifuzaga kubona, maze kugira ngo bikure mu kimwari bifashisha abagabo b’ibinyoma. Nuko batangira kumurega

bagira bati : “uyu twamubonye agandisha ubwoko bwacu, ababuza guha Kayizari umusoro, avuga kandi ko ari Kristo Umwami.» Byari ibirego bitatu bidafite ishingiro kandi bidahuje. Abatambyi bari bazi neza ko ibyo bidafite ishingiro ariko bari biyemeje kugera ku mugambi wabo bona n’ubwo babeshya.

Pilato acengera imigambi yabo. Ntabwo yizeraga ko iyo mbohe yabo yagambaniye ubutegetsi. Uko yasaga yuzuye ubugwaneza no kwicisha bugufi byari bihagije kubeshyuzwa ibirego bamuregaga. Pilato amaze kwemezwa ko ari ubugambanyi bushaka kwicisha umuziranenge ngo kuko abuza amahwemo ubutegetsi bw’abayuda, ahindukirira Yesu aramubaza ati : «Ni wowe Mwami w’abayuda?» Umukiza aramusubiza ati: “Wakabimenye!” Avuze atyo, mu maso he harabagirana nk’imirasire y’izuba.

Kayafa n’abo bafatanije ngo bumve icyo gisubizo, batanga Pilato ho umugabo ko Yesu yemeye icyaha aregwa. N’urusaku rwinshi, abatambyi, abanditsi n’abafarisayo basaba ko yicwa. Inteko y’abantu bari aho itera hejuru n’urusaku rwinshi. Pilato ayoberwa icyo yakora. Abonye ko Yesu adasubiza abamurega, niko kumubaza ati : “mbese ntacyo wireguza ko bakureze byinshi? Yesu aricecekerera.”

Kristo yari ahagaze inyuma Pilato arebwa n’abari mu rugo bose, yumva ibitutsi bamutuka. Nyamara ntiyasubiza ibirego by’ibinyoma bamurega. Imyifatire ye yose yerekanaga ko afite umutima utamurega ikibi. Imiraba yose ishega ntiyashoboye kugira icyo imutwara. Umuntu yari kwibwira ko nubwo umuraba uhuha cyane wazamukaga cyane nk’inyanja izamuwe n’umugaru ntugire icyo umutwara. Yakomeje gutuza, ariko umutuzo we ni wo waregaga cyane. Umucyo uturutse muri we imbere ni wo wamumurikaga wese.

Imyifatire ya Yesu yatangaje Pilato cyane. Yaribazaga ati : uyu muntu ntababajwe n’ibirego bamurega kuko atifuza gukiza ubugingo bwe? Pilato ngo abone uburyo Yesu yihanganira ibitutsi no gukwena bamukwena, yumva ko uregwa atari mubi nk’abatambyi bamurakariye. Pilato ashatse kumenya ukuri no kugabanya urusaku rw’abantu ajyana Yesu ahiherereye yongera kumubaza ati : “wowe uri Umwami w’abayuda?”

Yesu ntiyahita asubiza. Yari azi ko Umwuka wera uri mu kugerageza kwemeza Pilato, ni cyo cyatumye amuha akanya ko kugaragaza ibyiringiro bye.

Yesu aramubaza ati : « mbese ibyo ubibajije ku bwawe cyangwa se ni abandi bakubwiye ibyanjye ? » Mu yandi magambo yari amubajije niba ikibazo cye gitewe n'ibirego abatambyi bamureze cyangwa niba yifuza ko Kristo amuha umucyo ! Pilato arabyumva ariko umutima we w'agasuzuguro ni wo wari umurimo, yanga guhamya ibyiringiro byari muri we, niko kuvuga ati : « Uragira ngo ndi umuyuda ? Ab'ubwoko bwanyu n'abatambyi bakuru ni bo bakunzaniye, wakoze iki ? »

Pilato yari yivukije amahirwe ye rukumbi. Cyakora Yesu ntiyashaka kumusiga atamuhaye umucyo uhagije. Adahise asubiza ikibazo cya Pilato, asobanura neza umugambi we, amwumvisha ko adaharanira ingoma yo ku isi.

Yesu yaravuze ati : «ubwami bwanjye si ubw'iyi si, iyaba ubwami bwanjye bwari ubw'iyi si, abagaragu banjye baba barwanye, ngo ndahabwa abayuda, ariko noneho ubwami bwanjye si ubw'ino. Pilato aramubaza ati: noneho ga uri Umwami ? Yesu aramusubiza ati : Wakabimenye ko ndi Umwami. Iki nicyo navukiye kandi ni cyo cyanzanye mu isi, ni ukugira ngo mpamye ukuri. Uw'ukuri wese yumva ijwi ryanjye.»

Kristo yavuze ko ijamba rye ari urufunguzo rw'ibanga ku biteguye kuryakira. Iryo jambo ubwaryo ryarisobanuraga kandi ubwiru bwo gukuza amajyambere y'ubwami bw'ukuri bwari mu mbaraga y'iryo jambo. Yesu yashakaga kumvisha Pilato ko umutima we wamaze kononekara washobora gukizwa ari uko gusa wakiriye uko kuri ukakugira ukwawo.

Pilato yifuza kumenya ukuri. Mu mutima we harimo ibitekerezo bivangavanze. Yumvaga amagambo y'Umukiza yitonze, maze igitekerezo kizima cyo kumenya ukuri icyo ari cyo cyinjira mu mutima we, niko kwifuza kumenya uko yashobora kukugira. Yarabajije ati : « Ukuri ni iki ? » Ariko ntiyashoboye gutegereza igisubizo. Ahagurukijwe n'ibibazo bitewe n'urusaku rwari hanze rutewe n'abatambyi bashakaga icyemezo cya hutihuti, Pilato arasohoka asanga abayuda, maze arabashwishuriza ati : « Jyewe nta cyaha mubonyeho ! »

Amagambo nk'ayo avuzwe n'umucamanza w'umupagani, yari urukozasoni ku batware b'Isiraeli baregaga Umukiza mu buriganya bwabo bamubeshyera.

Abatambyi n'abakuru ngo bumve ibyo Pilato ababwiye kuko bari bamwaye bazabiranywa n'uburakari. Bari barashebetse bikomeye kandi bari barategereje uwo mwanya igihe kirekire!

Nuko ngo babone ko Yesu afite amahirwe yo kuba yarekurwa, bitegura kumucamo kabiri. N'urusaku rwinshi, batonganya Pilato bitwaje ubutegetsu bw'abaroma bamurega ko yanze kwica Yesu, kuko bavugaga ko yahagurukiye kugomera Kayisari. Humvikana amajwi menshi y'abantu barakaye bavuga ko amagambo ya Yesu yo kuyobya yumvikanye mu gihugu hose. Abatambyi baravugaga bati : « agomesha abantu yigisha i Yudaya hose, uhereye i Galilaya ukageza n'ino. »

Pilato nta mugambi na muto yari afite wo gucira Yesu ho iteka. Yari azi ko abayuda babitewe n'urwango n'ibyo bamutekerezaho; kandi yari azi inshingano ye: ubutabera kwasabaga ko Kristo ahita arekurwa. Ariko Pilato yatinyaga ko rubanda rutabyakira neza. Yabonaga ko natabaha Yesu bibatera kwivumbagatanya, ibyo bikamutera gutinya ibizakurikiraho. Amaze kumenya ko Kristo akomoka i Galilaya, yumva ko akwiriye kumwoherereza Herode kuko ari we wategukaga icyo ntara, akaba icyo gihe yari yaje i Yerusalemu. Pilato yizeraga atyo ko byamufasha, maze urubanza akarugereka kuri Herode. Na none kandi Pilato yari abibonyemo akanya keza ko kugira ngo amareho inzangano zari hagati ye na Herode. Mu by'ukuri, ibyo Pilato yari yateganiye birasohora abo bacamanza bakomeye baba inshuti bahujwe n'urubanza rw'Umukiza.

Pilato ashya Yesu mu maboko y'abasirikari n'inteko y'abantu bamukwenaga baramuherekeza, bamujyana mu rukiko rwa Herode. « Herode abonye Yesu arabinezereye cyane.» Ntabwo yari yarigeze abona Umukiza, ariko “uhereye kera kose yashakaga kumubona kuko yumvaga inkuru ze kandi yifuza kubona igitangaza akora.” Herode uwo yari yariyandurishije kumena amaraso ya Yohana Umubatiza. Nuko ubwo yumvaga bwa mbere inkuru ya Yesu, yagize ubwoba maze aravugaga ati : “Yohana nacye igihanga ni we wazutse, ni cyo gituma akora ibitangaza?” Nyamara Herode yifuza kureba Yesu. Aho yari ahabonye umwanya wo gukiza ubugingo bw'uwo muhanuzi; bityo yiringira kumaraho urwibutso rubi rw'igihanga cyuje amaraso bamuzaniye ku mbehe. Na none kandi yifuzaga kwimara amatsiko; yatekerezaga ko Kristo nahabwa amahirwe yo gukiza, ari bukoze ibyo bamusaba byose.

Itsinda rinini ry'abatambyi n'abakuru bari baherekeje Yesu kwa Herode. Nuko igihe Umukiza yinjizwaga mu nzu, abo banyacyubahiro barakaye cyane, barundanya ibirego bamurega. Ariko Herode ntiyabitaho. Ategeka ko baceceka kuko yashakaga kubaza Yesu. Abohora Kristo ingoyi, maze atonganya abanzi be kuba bamugiriye nabi bene ako kageni. Yitegereje ukubonera ko mu maso hatuje h'Umucunguzi w'ab'isi, ntiyagira ikindi abona kitari ubwenge no gutungana. Nk'uko byagendekeye Pilato, Herode na we ahita yemezwa rwose ko ari ishyari n'uburyarya byabateye kurega Kristo.

Herode abaza Kristo ibibazo byinshi ariko ntiyamusubiza aricecekera rwose. Umwami ategeka ko bazana ibirema n'ibimuga, maze Yesu asabwa kubakiza akoze igitangaza. Herode aramubwira ati: bavuga ko ashobora gukiza abarwayi. Ndifuzza kubona ibyo bakuvugaho badakabya. Nuko, Yesu adasubije, Herode arahatiriza ati : niba ushobora gukorera abandi ibitangaza, noneho korera kwigirira neza kandi birakubera byiza. Noneho n'ijwi rya gitegetsi, umwami Herode aramubwira ati : garagarisha ikimenyetso ko ufite ubushobozi bakuvugaho. Ariko Kristo yasaga n'umuntu utareba kandi ntiyumve. Umwana w'Imana yari yarambaye kamere ya kimuntu. Yagombaga kwitwara nk'umuntu wese uri mu gihe gisa n'icyo. Ntabwo byari ibyo gukora igitangaza ngo yibuze umubabaro no gukozwa isoni bigomba kuzagirwa n'umuntu wese ushyizwe mu ngorane zimeze nk'izo.

Herode asezeranira Yesu kumurekura niyemera gukorera imbere ye igitangaza. Abaregaga Yesu, n'amaso yabo bari bariboneye imirimo itangaza yakoraga. Bari baramwumvise ategeka igituro kugarura umupfu wari ukirimo. Bari bariboneye uwapfuye yumvira ijwi rye. Noneho batinyaga ko Yesu yagira igitangaza akora, ikiruta byose batinyaga ko yagaragaza ubushobozi bwe. Ikimenyetso nk'icyo cyari gutsembaho imigambi yabo yose, ndetse byari gushoboka ko yabicyisha ubwabo. N'igishyika cyinshi, abatambyi n'abakuru basubira mu birego byabo. N'ijwi riranga baravugaga bati : ni umugambanyi, arigereranya, Berizebuli umutware w'abadaimoni ni we umuha gukora ibyo bitangaza. Icyumba cyose cyari cyuzuwemo n'induru, bamwe bavugaga ibyabo n'abandi ibyabo.

Umutimanama wa Herode noneho wari utacyumva, ntabwo byari bimeze nk'igihe yafatwaga n'ubwoba igihe yumvaga Herodiya amusaba igihanga cya Yohana Umubatiza. Yamaze igihe gito yumva umutimanama umurega; ariko imibereho ye yo kwishyira ukizana yagiye irushaho guca intege imbaraga ze zo kwitegeka. Umutima we wari warinangiye cyane kugeza naho yatinyukaga kwirata ko yahaniye Yohani umubatiza ubushizi bw'amanga bwe. Noneho akankamira Yesu, amwumvisha inshuro nyinshi ko afite ubushobozi bwo kumurekura cyangwa kumwica. Ariko Yesu yasaga n'utamwumva.

Uwo mutuzo wagaragazaga ko atitaye k'uwo mutegeka, ni wo warakaje Herode cyane. Iyo uwo mwami w'umwirasi n'umunyagasuzuguro aza gucyaha ntacyo byari kumumarira. Akomeza gutoteza Yesu, ariko we yigumira mu mutuzo.

Kristo ntabwo yazanywe mu isi no kunezeza inkorabishungu, ahubwo yaje gukiza imitima imenetse. Iyo aza gushobora kugira ijamba avuga rimusaba gukiza umutima washegeshwe n'icyaha, ntabwo aba yarakomeje guceceka. Ntabwo yari afite icyo kubwira abari biteguye kuribatira ukuri munsu y'ibirenge byabo byanduye.

Iyo Kristo aza kuvuga amagambo ye yari gushobora guhinguranya umutima w'uwo mwami winangiye; bikamutera ubwoba, kuko yari kumushyira imbere ibyaha bye byo mu mibereho ye yose kimwe n'iherezo ribi ryari rimutegereje. Yesu mu mutuzo we, yamuhanye igihano kiruta ibindi kuba kibi. Herode yari yaramaze kwanga ukuri yazaniwe n'uruta abahanuzi; kubera ibyo nta bundi butumwa yajyaga guhabwa. Igikomangoma cy'ijuru nta jambo ryo kumubwira cyari gifite. Uko gutwi kwahoraga kubanguriwe kwakira imiborogo y'indushyi, ariko noneho kwanze kumvira amategeko ya Herode. Amaso ye atarigeze ahwema kugaragaza impuhwe n'urukundo n'imbabazi afitiye umunyabyaha wihana ntiyari akireba Herode n'irihumye. Iminwa yari yatanze ukuri nyako kandi igasabira n'impuhwe nyinshi abanyabyaha bakabije barushijeho kononekara; noneho yacecekeye imbere y'uwo mwami w'umwirasi utari ugikeneye Umukiza.

Intimba yijimishaga mu maso ha Herode. Herode ngo ahindukirire inteke y'abantu ababwirana uburakari bwinshi ko Yesu ari umunyabinyoma. Maze yongera kubwira Yesu ati : Nutareka kwinangirira mu gasuzuguro kawe ndaguteza

abasirikari na rubanda. Ahari bo bari bushobore kukuvugisha. Niba uri umubeshyi, ukwiriye gupfa; ariko niba uri Umwana w’Imana ngaho ikize ukoze igitangaza.

Atararangiza kuvuga ibyo, bese bishora kuri Kristo. Abari bahagaze aho biroha kuri Yesu, baramukurubana bameze nk’inyamaswa z’inkazi. Herode ashatse gukoza isoni Umwana w’Imana yifatanya na rubanda rushega. Iyo abasirikari b’abaroma bataza gukoma mu nkokora abo bantu barakaye, Umukiza aba yaratanyaguwe.

«Herode n’abasirikari be bamurinda baramushinyagurira, maze bamaze kumukoba no kumwambika umwenda ukengerana bamugarurira Pilato.» Abasirikari b’abaroma na bo bongera kumuhemura bongera imibabaro ku yo yari amaze kugirirwa. Ariko kwihangana k’ubumana kwari muri Yesu ntikwacogora.

Abarenganyaga Kristo bari bamwigereranyijeho; kuko bari bibwiye ko ari mubi nkabo. Hirya y’ibyo barebaga ako kanya, hagaragara indi pica, iyo pica y’icyubahiro kandi bese umunsi umwe bazayirabukwa. Habonekamo bamwe bahindira umushyitsi imbere ya Kristo. Mu gihe iyo nteko y’abagome yikubitaga imbere ya Yesu imushungera bamwe muri bo bari bigiye imbere bafite uwo mugambi, basubiraye bacecetse kubera ubwoba. Herode yumvise atsinze. Imirasire iheruka y’umucyo w’ubuntu yarasiye ku mutima we wabaye akahebwe. Yiyumvisemo ko imbere ye hadahagaze umuntu usanzwe, kuko ubumana bwarabagiranaga mu bumuntu. Mu gihe Kristo yari akikijwe n’inteko y’abakobanyi, abasambanyi n’abacanyi, Herode yabaye nk’uwitegereza Imana yicaye ku ntebe y’ubwami.

Herode nubwo yari yarinangiye bikabije, ntiyatinyuka guciraho iteka Kristo, nuko ahitamo kwikuraho uwo mutwari ukomeye, yohereza Yesu mu rukiko rw’abaroma.

Pilato arababara yumva aciye intege n’uko abayuda bamugaruriye iyo mfungwa; ababazanya ubute icyo bamushakaho, abibutsa ko yabajije Yesu ntatire icyaha amusangana; ababwira ko ibyo bamureze ntacyo byamaze kuko batabashije kubona igihamba na kimwe bamurega. Herode umutegetswe w’i Galilaya wari uwo

mu ishyanga ryabo, na we ubwe ntacyo yabonye mu byo bamurega gikwiriye kumwicisha. Pilato niko kubabwira ati : «Nuko nimara kumukubita, ndamubohora.» Uko niko Pilato yagaragaje intege nke ze. Nubwo yavugaga ko Yesu nta cyaha afite, yemera kumukubita imikoba kugira ngo ashimishe abamurega. Yahisemo koroshya, maze agoreka ubutabera n'amahame ngo acubye rubanda. Pilato mu kugenza atyo yari yishyize mu ruhande rubi. Iyo nteko y'abantu, ifatiye ku kudafata ibyemezo kwa Pilato itera hejuru cyane isaba ko iyo mfungwa yicwa. Iyo Pilato aza gushikama uhereye mbere akanga guciraho iteka umuntu udafite icyaha yari kuba aciye iminyururu mibi yari igiye kuboha imibereho ye yose ikamuhoza mu cyaha no ku nkeke. Iyo aza gukora nk'uko yabyumvaga, abayuda ntibari guhata ubushake bwe, bamuhatira gukora ibyo bifuza. Kristo ntiyajyaga guhunga urupfu, ariko Pilato ntiyajyaga kugibwaho n'urubanza rw'icyo cyaha. Pilato buhoro buhoro yanze kumvira umutima uhana. Yabonye inzitwazo zituma adaca urubanza mu kuri no mu butabera, noneho mu maboko y'abatambyi n'abakuru yari amaze guhinduka umunyanteye nke. Kudafata icyemezo kwe byamuzaniye akaga gakomeye.

Nyamara muri ako kanya Pilato ntabwo yaretswe ngo agume mu buhumyi bwe. Intumwa y'Imana yaramusanze ngo imubuze gukora igikorwa yari yiteguye gukora. Nk'igisubizo ku isengesho rya Kristo, umugore wa Pilato, yari yasuye na malayika; maze mu nzozi abonekerwa n'Umukiza kandi baraganira. Umugore wa Pilato nubwo atari umuyudakazi, ntiyigeze ashidikanya imiterere n'umurimo wa Yesu. Yari azi ko ari igikomangoma cy'Imana. Yari yamubonye mu rukiko ubwo bamubazaga, amaboko ye y'ubumana aboshywe nk'ay'umugome. Yari yabaye umuhamba w'ibikorwa bibi byakozwe na Herode n'abasirikare be; kandi yari yumvise ibirego by'ubukana by'abatambyi n'abakuru byuzuyemo ishyari n'uburyarya. Yari yumvise aya magambo ngo : “Dufite itegeko, kandi kubw'iryo tegeko akwiriye gupfa.” Yari yabonye Pilato akubita Yesu, kandi amaze kuvuga ngo : “ Nta cyaha mubonyeho.” Uwo mugore yari yabonye Pilato acira Yesu ho iteka, maze amushyira mu maboko y'abanzi be. Yari yabonye umusaraba ushinze i Kaluvari, isi yose ihita itwikirwa n'umwijima, igihe ijwi ridasanze ryavugaga ngo : “Byose birangiye.” Hanyuma indi pica yari yanyujijwe mu maso ye, abona Kristo yicaye ku ntebe nini y'umweru irabagirana, maze isi idandabirana mu kirere, kandi n'abishi b'Umukiza bahunga mu maso h'ubwiza bwe. Nuko uwo mugore akanguka atakishwa n'ubwoba maze muri ako kanya yandikira Pilato ubutumwa amuburira.

Igihe Pilato yashidikanyaga icyo agomba gukora, intumwa yatanya muri

iyo nteko y’abantu, maze iha Pilato urwandiko rw’umugore we rwari rwanditswe ngo : “Ntugire icyo utwara uwo mukiranutsi kuko naraye ndose byinshi kuri we byambabaje.”

Pilato ahinduka ukundi. Ntiyari azi icyemezo yafata muri ibyo bitekerezo bivuguruzanya. Ariko mu gihe yari acyibaza atyo, abatambyi n’abakuru baboneraho akanya ko kurushaho gushyushya imitima y’abantu. Pilato ngo abone ko ahatirwa gufata icyemezo, atekereza umuhango yibwiraga ko wamubashisha kubona ingurane yo kumubashisha kurekura Kristo. Byari umugenzo ko kuri uwo muni mukuru harekurwa imfungwa rubanda rwihitiyemo. Wari umugenzo wahimbwe n’abapagane kandi nubwo nta gahurihuri k’ubutabera kari kawurimo, abayuda bawitagaho cyane. Imfungwa yitwaga Baraba yari yarakatiwe urwo gupfa, kandi yari mu maboko y’abaroma. Uwo mugabo yari yariyise Mesiya. Yajyaga avuga ko azashyiraho gahunda nshya y’ibintu, maze mu isi hakaganzamo ubutabera. Ashutswe na satani, Baraba yiyumvishaga ko icyo yabashaga gushyikira cyose akoresheje ubujura n’ubwambuzi ari icye. Afashijwe na satani yakoraga ibintu bikomeye cyane bituma agira abantu benshi bamushagara maze abateza kugomera ubutware bw’abaroma. Yikingiriye umwambaro w’idini, yari umunyabyaha ruharwa wakoraga ibikorwa byo kwigomeka n’ubugizi bwa nabi. Pilato yiringiraga ko aza gutera muri rubanda umutima wo kutabera nabahitishamo uwo muntu mubi n’Umukiza utagira icyaha; yatekerezaga ko haboneka abagirira Yesu impuhwe, bagahangana n’abatambyi n’abakuru. Ngo abikoze iyo nteko, ayibwirana ishema ati : «Uwo mushaka ko mbabohorera ni nde? Ni Baraba cyangwa ni Yesu witwa Kristo? »

Nk’inyamaswa zitontoma bose batera hejuru bavuzza induru, basubiza ngo : Ahubwo Baraba abe ari we utubohorera. Barushaho gusakuza cyane bati : Ni Baraba ! Ni Baraba ! Pilato atekereje ko batasobanukiwe ikibazo cye arababaza ati : « Murashaka ko mbabohorera Umwami w’Abayuda ? » Maze bongera gutera hejuru cyane bati : «Mubambe, utubohorere Baraba.» Pilato arababaza ati : «Nuko Yesu witwa Kristo ndamugenze nte ? » Na none iyo nteko ishega ivuzza induru y’abadaimoni. Abadayimoni nyakuri bafashe ishusho ya kimuntu bari muri iyo nteko; none se ni ikihe gisubizo bari gutanga kitari iki ngo : «Mubambe, mubambe ! »

Pilato ntabwo yari yigeze ateganya ko ibintu biri bugeze aho. Byari bimukojeje isoni gutanga umukiranutsi ngo yicwe urupfu rubi kandi rukojeje isoni. Nuko urusaku rutuje, Pilato abaza rubanda ati : « Kuki, yakoze cyaha ki ? » Byari byatinze cyane kugira ngo agire icyo yongera kubabaza; icyo bifuzaga ntabwo ari ibimenyetso by’uko Kristo arengana, ahubwo bashakaga ko acirwaho iteka.

Pilato yongera gushaka kumukiza. Yongera kubabaza ku nshuro ya gatatu ati : “Uyu yakoze cyaha ki? Simubonyeho icyaha cyo kumwicisha. Nuko nimara kumukubita ndamubohora.” Ayo magambo atuma abaturage barushaho gushaga. Batera hejuru bati : “Mubambe, mubambe!” Uburakari butewe n’uko Pilato atazi gufata icyemezo bubatera kurushaho gushaga.

Nuko basingira Yesu wari uremerejwe n’umunaniro, kandi afite inguma nyinshi, maze bamukubitira imbere ya rubanda. Maze abasirikari bamujyana imbere mu rugo rw’urukiko, bahamagara ingabo ziraterana. Bamwabika umwenda w’umuhengeri, baboha ikamba ry’amahwa bararimwambika. Baherako batangira kumuramutsa bati : “Ni amahoro Mwami w’abayuda! Maze bamucira amacandwe, barapfukama baramuramya.” Maze buri kanya, abantu bamwe b’inkorabishungu bamwamburaga urubingo bashyize mu ntoki ze, bagakubita ikamba ry’amahwa ryari mu mutwe we, amahwa akinjira mu mubiri, amaraso agakwira mu maso he.

Ijuru ryahinze umushyitsi! Isi na yo irumirwa. Dore abicanyi n’uwo barenganyaga! Inteko y’abantu barakaye yari ikikije Umukiza w’ab’isi. Ibitutsi no gukobwa byarangwaga n’indahiro n’amagambo mabi. Inteko y’abantu b’intumva yahinyuraga imivukire ye ya gikene n’imibereho ye yoroheje. Bannyegaga izina rye ryo kwiyita Umwana w’Imana; ibishungu n’ibitutsi byacicikanaga ku minwa yose.

Satani ni we wari ku isonga ry’iyo nteko igirira nabi Umukiza. Umugambi we wari uwo gutera Yesu kwihorera, byashoboka akamuhatira kwikiza akoze igitangaza, bityo akaba ashenye inama y’agakiza. Inenge imwe gusa mu mibereho ye ya kimuntu, agatambwe gato ko gutsindwa imbere y’ikigeragezo gikomeye mu gihe yari yambaye umubiri wa kimuntu kari gahagiye, maze Umwana w’intama w’Imana ntabe akiri igitambo kizima: gucungurwa kwa bene muntu kukaba kuburiyemo. Ariko uwari gushobora guhamagara ingabo zo mu ijuru ngo

zimutabare, uwari gushobora kwirukana iyo nteko y’abantu akoresheje imbaraga ze z’ubumana, yicisha bugufi, araganduka, yihanganira ibitutsi no gukozwa isoni.

Abanzi ba Kristo bari bamusabye gukora igitangaza ngo yerekane ubumana bwe. Noneho imbere yabo bari bafite igihamba kinonosoye kuruta icyo bari bahoze bashaka. Ubugome bwateye abo bicanyi kurenga ubumuntu, maze bubahindura nka satani mu gihe umutuzo no kwihangana bya Yesu byamuzamuye asumba ubumuntu, maze agaragaza isano afitanye n’Imana. Gucishwa bugufi kwe kwamubereye ingwate yo gushyirwa hejuru kwe.

Ibitonyanga by’amaraso byavaga mu nguma ze bigashoka mu maso he, byagaragazaga ko azaba “uwo Imana yasize amavuta yo kwishima⁴” nk’Umutambyi Mukuru uhoraho.

Ubukana bwa satani bwabaye bwinshi, abonye ko imibabaro yose bagiriye Umukiza itamuteye kwivovota. Nubwo yari yambaye kamere ya kimuntu Yesu yakomezwaga n’imbaraga z’ubumana; kandi nta mpamvu n’imwe yamuteye gutandukira ngo aye mu bushake bwa Se.

Pilato, mu kwemera ko Yesu akubitwa agakwenwa, yibwiraga ko atuma iyo nteko imugirira impuhwe; yatekerezaga ko icyo gihano baza kubona gihagije. Ndetse n’uburyarya bw’abayuda bukanyurwa. Abayuda bari bafite uko babona intege nke z’umuntu wahanaga atyo uwo amaze kubona ko ari umukiranutsi. Byaragaragaraga ko Pilato yihatiraga gukiza iyo mfungwa, ariko abayuda bo bari biyemeje kurwanya icyemezo cyatuma Yesu arekurwa. Barabwirana bati: Pilato yamukubise imikoba agira ngo adushimishe, nidukomeza tugashikama, iherezo turabona icyo dushaka.

Pilato ahamagaza Baraba ngo aze hanze. Maze yerekana izo mfungwa zombi zegeranye, ariko mu kwerekana Umukiza, aravuga ati: «Nguyu ! Dore ndamusohoye ndamubazaniye ngo mumenye yuko ari nta cyaha mubonyeho.»

Umwana w’Imana yari aho yambitswe ikamba ry’amahwa n’umwambaro wa cyami, bamwambitse bariho bamushungera. Nta furebo yambaye kugeza mu rukenyerero, umugongo we wariho imibyimba y’imikoba bamukubise, ibisebe

binini byavagamo amaraso adudubiza. Umubabaro n'uburibwe byagaragaraga mu maso yuzuyemo amaraso, ariko nta gihe yari yarigeze agaragaza mu maso heza nk'ubwo. Umukiza ntiyigeze agaragara imbere y'abanzi be afite agahinda. Uko yasaga wese yagaragazaga ubugiraneza, kwihangana n'impuhwe nyinshi yari afitiye abanzi be. Mu migenzereze ye nta kimenyetso na gito cy'ubugwari cyamugaragaraho, ahubwo imbaraga n'ubupfura bwo kwihangana ni byo byamugaragaraho. Imfungwa yari imuri iruhande yari itandukanye na we cyane. Uko Baraba yasaga byagaragariraga amaso y'abantu ko ari umugome winangiye. Bamwe mu bamurebaga ntibabashije kwihanganira kutarira. Imitima yabo yari yuje impuhwe bafitiye Yesu. Ntabwo bari bameze nk'abatambyi n'abakuru babonaga Yesu uko atari.

Abasirikari b'abaroma bari bagose Kristo na bo si ko bose bari binangiye imitima, bamwe muri bo baramwitegereza ngo barebe ko hari ikibi kimurimo cyangwa se ari umugome koko. Maze buri kanya bakamama akajisho no kuri Baraba, ariko Baraba we ububi bwe ntibwari bwihishe, maze bakongera kureba uwo warimo gucirwa urubanza. Bamwitegereje bamubonamo Umwana w'Imana urengana. Umutuzo wa Kristo wabasigiye urwibutso rudasibangana mu mitima, buri wese umunsi umwe yajyaga kuzamwemera nka Kristo cyangwa se agacirwaho iteka bitewe n'uko yanze kumwemera.

Kwihangana k'Umukiza ntagire ijamba ryo kuganya yumvikanisha, kwateye Pilato kumirwa. Yari yizeye adashidikanya ko nibabona itandukaniro riri hagati ye na Baraba, bitera abayuda kumugirira impuhwe. Ntabwo yari azi urwango karemano abatambyi bari bafitiye uwari waje gutamurura umwijima n'ibyaha byabo kuko we yari umucyo w'isi. Bose basakuriza icyarimwe bafatanije n'abatambyi n'abakuru kuko bari babinjijemo uburakari, baravuga bati : «Mubambe, mubambe!» Pilato arembejwe n'ubugome bwabo, atera hejuru n'ijwi ry'umubabaro ati : «Nimumujyane abe ari mwe mumucira urubanza, njyeweho nta cyaha mubonyeho.»

Uwo mutware w'umuroma nubwo yari amenyereye kwitegereza ibikorwa by'ubugome, yagiriye impuhwe iyo mfungwa yarembejwe n'imibabaro, yakubiswe kandi mu maso hashoka amaraso, umugongo wose washenjaguwe; akomeza kugaragaza inyifato y'umwami wicaye ku ntebe ye. Ariko abatambyi bakomeza kuvuga ngo : « Dufite itegeko kandi kubw'iryo tegeko akwiriye gupfa kuko yigize Umwana w'Imana.»

Pilato, asuhuza umutima. Ntabwo yari asobanukiwe neza ibya Kristo n’umurimo wamuzanye, nyamara yizeraga Imana mu bujiji, akanizera ibiremwa birusha abantu ububasha. Igitekerezo cyari cyaje mu bwenge bwe, noneho kiramusobanukira. Atangira kwibaza niba imbere ye hadahagaze ikizima cyo mu ijuru cyambitswe imihemba n’ikamba ry’amahwa kubera kutamenya kw’abantu.

Pilato yinjiye mu cyumba cy’urukiko abaza Yesu ati : “Wavuye he? Ariko Yesu ntiyagira icyo amusubiza.” Umukiza yari yavuganye na Pilato ku mugaragaro, amusobanurira inshingano ye ko ari umuhamya w’ukuri. Pilato ntiyitaye ku mucyo yahawe, yitwaje imirimo ye ikomeye y’ubucamanza, maze yica amahame y’ubutegetsi bwe ngo abone uko yemerera rubanda ibyo rumusaba. Nta wundi mucyo Yesu yari akimuhaye. Pilato ashenguwe n’umutuzo wa Yesu, amubwirana agasuzuguro ati : “Uranyihorera? Ntuzi yuko mfite ububasha bwo kukurekura kandi ko mfite ububasha bwo kukubamba? Yesu aramusubiza ati : «Ntiwagira ububasha bwo kugira icyo untwara utabuhawe buvuye mu ijuru, ni cyo gituma ukungabije akurusha icyaha.»

Umukiza w’umunyambabazi no mu mibabaro ye ikaze yihatiraga kubabarira uko bishoboka kose umutegeka w’umuroma wari ugiye kumutanga ngo yicwe. Mbega icyitegererezo cyari gihawe ab’igihe kizaza ! Kandi mbega umucyo ashyize ku mucamanza w’isi !

Yesu yaravuze ati : “ukungabije akurusha icyaha.” Ayo magambo yerekezaga kuri Kayafa umutambyi mukuru, akaba ari na we uhagarariye ishyanga ry’abayuda. Abayuda bari bazi amahame ubutegetsi bw’abaroma bugenderaho. Bari bazi neza ubuhanuzi buvuga ibya Kristo n’inyigisho ze n’ibitanganza bye. Abacamanza b’abayuda bari barahawe ibimenyetso ntavuguruzwa by’ubumana by’uwo baciragaho iteka. Nuko rero bagombaga gucibwa urubanza bakurikije umucyo bahawe.

Abarusha abandi icyaha kandi bakaba ba nyirabayazana bari abayobozi b’ishyanga ry’abayuda, kuko ari bo bagambaniye ku buryo bugayitse ubutunzi bwera bari barabikijwe. Pilato, Herode n’abasirikari b’abaroma, bagiriye nabi Kristo

bashaka gushimisha abatambyi n’abakuru; bari bazi bike gusa byerekeye kuri Yesu, kandi nta mucyo bari barahawe nk’ishyanga ry’abayuda. Iyo abasirikari baza kuba barahawe umucyo uhagije, ntibaba baragiriye Yesu ubugome bungana butyo.

Na none Pilato yongera kugerageza kurekura Umukiza. «Ariko abayuda batera hejuru bati: Nurekura uyu uraba utari inshuti ya Kayisari.» Izo ndyarya z’abayuda zabaye nk’izigaragara ko zitaye ku butegetsi bwa Kayizari. Abayuda bari abanzi gica b’ubutware bw’abaroma. Iyo nta kaga kabaga kabariho, berekanaga agaciro k’amategeko y’ishyanga n’ay’idini yabo babishegera cyane; ariko kugira ngo bagere ku mugambi wabo wo kuvusha amaraso bashimagiza ubutegetsi bw’abaroma. Kugira ngo bagere ku rupfu rwa Kristo, bari biteguye kwerekana ko ari abayoboke b’inziramakemwa b’ubutegetsi bw’abaroma kandi barabwanganga urunuka.

Bakomeza bagira bati : “kuko umuntu wese wigize umwami aba agomeye Kayizari.” Ibyo byari ugutoneka umutima wa Pilato. Pilato wari utacyizerwa n’ubutegetsi bw’abaroma, yari azi ko inkuru nk’iyo ishobora gutuma anyagwa. Yari azi ko umugambi w’abayuda utagezweho, uburakari bwabo ari we babutura; kandi ko ntacyo basigaza ngo bihorere. Ibyo yabonaga imbere ye, byamugaragarije ishyaka bafite ryo kwica umuntu bangira ubusa.

Nuko Pilato yongera kwicara ku ntebe baciraho imanza, maze yereka Yesu rubanda ati : “Nguyu Umwami wanyu.” Na bo batera hejuru bati : Mukureho! Mukureho! Mubambe! Pilato atera hejuru aravuga ati : “Mbese mbambe Umwami wanyu?” Ariko mu kanwa kabo kononekaye, kandi kigereranya kavagamo aya magambo ngo : “Nta mwami dufite keretse Kayizari.”

Abayuda mu guhitamo kwabo bakitoraniriza ingoma y’abapagani, bari biyatse uburinzi bw’Imana. Bamaze kwanga Imana ko ibabera Umwami, nta mutabazi bari bagifite. Nta mwami bari bagifite uretse Kayisari. Ngaho aho abatambyi n’abigishamategeko bari bagejeje ubwoko bw’Imana. Ni bo bari bishingiye ibyo byose n’ingaruka zose zajyaga gukurikiraho. Abayobozi b’idini ni bo babaye ba nyirabayazana bo kurimbuka kw’iryo shyanga.

«Nuko Pilato abonye ko arushwa n’ubusa ahubwo ko barushaho gushaga, yenda amazi akarabira imbere y’abantu ati: Njyeweho nta cyaha kindiho kubw’amaraso y’uyu mukirantsi. Birabe ibyanyu.»

Nuko umutima wuzuye ubwoba kandi umucira urubanza we ubwe, Pilato yitegereza Yesu. Yesu we yari yituriye imbere y’iyo nyanje nini y’abantu basaze. Umucyo utuje wasaga n’ugose umutwe we. Pilato aribwira ati : Uyu muntu ni Imana. Ahindukirira inteko y’abo bantu arayibwira ati : amaraso y’uyu muntu ntambarweho. Nimumujyane abe ari mwe mumubamba. Ariko mwebwe abatambyi n’abakuru mumenyeko mvuze ko nta cyaha mubonyeho. Uwo yita ko ari Se, abagerekeho urupfu rwe, ye kuba ari nje azabaza igikorwa cy’uyu muni. Nuko abwira Yesu ati : Umbabarire sinshobora kukukiza. Nuko amaze kongera gukubita Yesu imikoba, aramutanga ngo aje kubambwa.

Pilato yifuzaga kukiza Yesu, ariko yabonaga ko abikoze atagumana umwanya n’icyubahiro cye. Ahitamo guciraho iteka umukirantsi mu cyimbo cyo guhara ubutware bw’iyi si. Ni abantu bangana iki, bemera kureka amahame y’ukuri, ngo birinde imibabaro cyangwa kubura ibyabomuri ubwo buryo ! Umutimanama n’igikwiriye gukorwa byereka umuntu inzira maze inyungu ze bwite zikamwereka indi. Umuraba utujyana mu cyerekezo kibi kandi umuntu wese wemera kugirana umushyikirano n’ikibi, ajyanwa mu mwijima mubi w’ubugome.

Pilato yemeye ibyo iyo nteko y’abantu imusaba. Mu cyimbo cyo gutakaza umwanya we, yatanze Yesu ngo abambwe. Nyamara nubwo yigengesereye uko ashoboye, yanyazwe icyubahiro cye, yamburwa imirimo ikomeye; arembejwe n’ikimwari, kandi agasuzuguro ke gashize, Pilato ashya ibereho ku mibereho ye, hashize igihe gito gusa Kristo abambwe. Abakina n’icyaha bese icyo basarura ni umubabaro n’urupfu. «Hariho inzira itunganiye umuntu, ariko ibereho ryayo ni inzira z’urupfu.⁵»

Igihe Pilato yavugaga ko ari umwari ku maraso ya Kristo, Kayafa yateye hejuru n’ijwi ry’agasuzuguro agira ati : «Amaraso ye natubeho no ku bana bacu!» Bwa mbere hari habanje abatambyi n’abakuru; nuko hakurikiraho rubanda rwose,

ruitera hejuru n'ijwi rya kidayimoni, ruravuga ruti : » Amaraso ye natubeho no ku rubyarwacu rwose!»

Ubwoko bw'Abisiraeli bwari bwaramaze guhitamo. Beretswe Yesu baravuga bati : «Si we ahubwo ni Baraba, abe ari we ubohora.» Baraba w'igisambo n'umwicanyi yagereranyaga satani. Kristo we yashushanyaga Imana. Kristo yari yanzwe, Baraba atoranyijwe. Bari bugufi kubona Baraba. Mu guhitamo batyo bari bakiriye uwabaye umubeshyi n'umwicanyi uhereye mbere na mbere. Guhera ubwo satani yari abaye umutware wabo. Ni we wari ugiye kuyoboza iryo shyanga ubushake bwe. Bagakora ibikorwa bye. Ahasigaye rero bagombaga kwihanganira ubutware bwe. Ubu bwoko bwahisemo Baraba bukamurutisha Kristo, bwari bugiye kugaragaza ubugome bwa Baraba igihe cyose bizamara.

Abayuda bitegereje Umwana w'intama acishijwe bugufi kandi arushye, baravuze bati : “Amaraso ye ni atubeho n'abana bacu.” Urwo rusaku rukomeye rurazamuka rugera ku ntebe y'Imana mu ijuru. Urwo rubanza bari biciriye rwandikwa mu ijuru. Iryo sengesho ryarumviswe. Amaraso y'Umwana w'Imana yabagumye, nk'umuvumo uhoroaho ku bana babo ndetse n'abuzukuru babo.

Ibi byasohoye ku buryo buteye ubwoba mu irimbuka rya Yerusalemu, ndetse no mu buryo buteye ubwoba bw'imibereho y'ishyanga ry'abayuda mu gihe cy'ibinyejana cumi n'umunani. Koko ishami ryaciwe ku muzabibu, ishami ripfuye ryarumbye nta kindi barikorera uretse kuritora bakarijugunya mu muriro. Ishyanga ry'abayuda ryazerereye mu isi riva mu gihugu rijya mu kindi, uko ibihe bihaye ibindi; bicwa bazize ibyaha byabo n'ibicumuro byabo!

Iri sengesho rizongera kumvirwa mu buryo buteye ubwoba ku muni mukuru w'urubanza. Abantu bazabona Kristo agarutse ku isi, atakiri imfungwa ishagawe n'abakobanyi, ahubwo ari Umwami w'ijuru. Kristo azagaruka mu bwiza afite ubwiza bwa Se n'ubw'abamarayika bera. Abamarayika uduhumbi n'uduhumbagiza, abana b'Imana bera kandi banesheje, bambaye ubwiza burabagirana, bazaba bamushagaye. Azicara ku ntebe y'ubwiza bwe, amahanga akoranirizwe imbere ye. Amaso yose azamureba ndetse n'abamucumise na bo bazamureba. Mu cyimbo cy'ikamba ry'amahwa, azaba yambaye ikamba ry'icyubahiro. Wa mwambaro wa kera w'umuhemba uzaba wasimbuwe


“n’imyenda yera, irabagirana kandi nta mu meshi wo mu isi yose wabasha kuyeza atyo.”⁶ Kandi ku mwenda we no ku kibero cye afite izina ryanditsweh ngo :

“Umwami w’abami n’Umutware utwara abatware.”⁷ Na bamwe bamushungereye bakamugira urw’amenyo hamwe n’abamukubise bose bazaba bahari. Abatambyi n’abakuru bazongera kubona ipica y’ibyabereye mu rukiko. Buri kintu cyose kizabagaragarira nkaho cyandishijwe inyuguti z’umuriro. Nk’uko bamwe bavuze ngo : “Amaraso ye atubeho no ku bana bacu,” bazabona igisubizo cy’isengesho ryabo. Ibyaremwe byose bizabimenya kandi bisobanukirwe. Abantu bazibonera uwo barwanije kandi bo ari ibiremwa by’ibinyantegere nke, abatindi kandi bafite ubwenge bugerwa. Mu mubabaro wabo n’akaga kabo bazabwira imisozi n’ibitare bati : “Nimutugweho, muduhishe amaso y’Iyicaye kuri iriya ntebe n’umujinya w’Umwana w’intama; kuko umunsi ukomeye w’umujinya wabo usohoye kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe?”⁸

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 27:2,11-31; Mariko 15:1-20; Luka 23:1-25.; Yohana 18:28-40; 19:1-16.
2. Luka 20:22-25.
3. Mariko 6:16; Matayo 14:2.
4. Abaheburayo 1:9.
5. Imigani 14:12.
6. Mariko 9:3.
7. Ibyahishuwe 19:16.
8. Ibyahishuwe 6:16,17.

*** *** ***

78. KALUVARI



“Nuko bageze ahantu hitwa i Nyabihanga barahamubamba¹”

“Kugira ngo Yesu yejeshe abantu amaraso ye yababarijwe inyuma y’urugo.” Adamu na Eva bamaze kwica itegeko ry’Imana birukanywe muri Edeni. Kristo, umusimbura wacu, yagombaga kubabarizwa hanze ya Yerusalemu.

Apfira inyuma y’irembo, ahajyaga hicirwa abagambanyi n’abicanyi. Kuva ubwo humvikana ubusobanuro bwimbitse bw’aya magambo ngo : “ Kristo yaducunguriye kugira ngo dukizwe umuvumo w’amategeko, ahindutse ikivume ku bwacu.”²

Abantu benshi cyane baherekeza Yesu bava ku rukiko bajya i Kaluvari. Inkuru yo gucirwa urubanza kwe yari yabaye gikwira muri Yerusalemu yose, nuko abantu bo mu nzego zose bahururira kujya aho yagombaga kubambwa. Abatambyi n’abakuru b’abisiraeli bari basezeranye ko ntacyo batwara abigishwa be nibabona Yesu, bityo abigishwa be n’abandi bari baramwizeye bari muri uwo murwa no mu nkengero zawo babasha kwivanga n’abo bantu benshi bari bakurikiye Umukiza.

Yesu amaze gusohoka mu rukiko rwa Pilato, bashyira ku bitugu bye byari byashengutse kandi byahindutse amaraso masa umusaraba wari wateguriwe Baraba. Bagenzi ba Baraba bombi bagombaga guhabwa igihano cy’urupfu nka Yesu kandi mu gihe kimwe, bityo na bo bikorera imisaraba yabo. Umukiza yari afite intege nke cyane kandi ababaye ku buryo atabasha kwikorera uwo mutwaro. Kuva yasangira n’abigishwa be ibya Pasika, ntiyari yigeze agira icyo afata cyo kunywa cyangwa cyo kurya. Mu gihe yasenganaga umubabaro ukomeye i Getsemani, Yesu yari yahanganye n’ibikoresho bya satani, yashenguwe n’imibabaro yo kugambanirwa no kubona abigishwa be bamureka bagahunga. Bari bamwohereje kwa Ana, nyuma kwa Kayafa ayanwa no kwa Pilato. Pilato yari yamwoherereje Herode, Herode na

we amugarurira Pilato. Ibitutsi byarisukiranyaga gusekwa no gukobwa na byo bimwirundaho. Inshuro ebyiri zose Kristo yababajwe akubitwa cyane. Ibyari byabaye muri iryo joro byose byari bigamije gushyira mu kigeragezo gikomeye umutima w'umuntu. Nyamara we ntiyigeze acogora. Nta jambo yigeze avuga ritari iryo guhesha Imana icyubahiro. Muri urwo rubanza rwose rwari rwabaye ikintu gikojeje isoni, yari yarwitwayemo neza mu buryo yari akomeye kandi mu cyubabiro. Ariko umusaraba umaze kumushyirwaho nyuma yo gukubitwa bwa kabiri, ntabwo kamere muntu yashoboraga kubyihanganira, nuko agwa hasi asa n'utaye ibitekerezo, munsu y'uwo mutwari.

Abantu benshi bari bakurikiye Umukiza babona agwa, ariko nta mpuhwe bari bafite. Ahubwo baramusetse kubw'uko atabashije kwikorera uwo musaraba uremereye. Nuko barongera barawumukorera na none yikubita hasi nk'upfuye. Abamurenganyaga babona ko atabasha kugeza uwo musaraba kure nuko batangira kwibaza uri bwemere kwikorera uwo mutwari ukojeje isoni. Abayuda ntibashoboraga kubikora kuko babonaga ko byabanduza nuko ntibababakibashije kuziririza Pasika. Nta muntu n'umwe ndetse no mu bari aho, washoboraga kwemera guca bugufi ngo yikorere uwo musaraba.

Nuko hahita hatunguka umunyamahanga, Simoni w'umunyakurene, wari wiviriye mu murima, anyura aho abantu bari. Yumva amagambo yo gutukana kandi asebeje cyane, yumva basubiramo amagambo yuzuyemo agasuzuguro ngo: Muhe inzira Umwami w'abayuda. Nuko arahagarara, yumiwe cyane; bitewe n'uko yari agaragaje urukundo rurimo n'impuhwe, bahita bamufata, bashyira umusaraba ku bitugu bye.

Simoni yari yarigeze kumva bavugaga ibya Yesu. Abahungu be bari abizera ariko we ntiyari mu bigishwa. Ibyo byabereye Simoni umugisha kubwo kwikorera umusaraba ajya i Kaluvari kandi ibyo bimubamo bituma arushaho kuzirikana by'iteka ryose ubushake bw'Imana. Nuko azanwa aho, ashyirwa munsu y'umusaraba kandi abyemera ku bushake bwe kandi bimunejeje.

Hari abagore bari aho bagendaga bashoreye iyo nzirakarengane kugera aho bagiyeye kumubamba. Bari bahanze amaso yabo kuri Yesu. Bamwe muri bo bari

baramubonye mbere baramuzaniye abarwayi n'abafite ingorane zinyuranye. Muri bo harimo n'abo yari yarakijije. Barimo babwirana ibimaze kuba.

Batangajwe cyane n'urwango yagiriwe kandi bo bamufitiye impuhwe nyinshi. Uburakari bw'abamuri inyuma n'amagambo arimo gusesereza y'abatambyi n'abakuru ntabwo yabujije abo bagore kumugaragariza ko bababajwe n'ibiri kumubaho. Bari bakomeje kugaragaza agahinda babona Yesu ashengukira muni y'umusaraba.

Icyo nicyo kintu Yesu yabashije kubona. Nubwo yari ababaye cyane, n'ubwo yari yikoreye umutwaro w'ibyaha by'abari mu isi, uko kumugaragariza impuhwe ntiyabuze kubyitaho. Akomeza kwitegerezanya abo bagore imbabazi nyinshi. Mu by'ukuri ntabwo abo bagore bamwizeraga; yari azi neza ko batamuririra kuko ari uwavuye ku Mana ahubwo byaterwaga gusa n'umutima w'impuhwe wa kimuntu usanzwe. Ntiyasuzuguye uko kumwitaho kwabo nyamara we abagirira impuhwe nyinshi. Aravuga ati: “ Bakobwa b'i Yerusalemu, ntimundirire ahubwo mwiririre mwe n'urubyaro rwanyu.” Amaso ya Kristo yavuye ku biri kuba ako kanya ahubwo ayerekeza ku irimbuka rya Yerusalemu, aho benshi mu barimo barira muri uwo mwanya bari bagiye kuzarimbukira muri uwo murwa hamwe n'abana babo.

Kuri uko kurimbuka kwa Yerusalemu, intekerezo za Yesu zageze ku rubanza rukomeye. Mu irimbuka ry'uwo murwa wanze kwihana kandi, yabonagamo ikimenyetso cyo kurimbuka guheruka kw'isi yose. Aravuga ati : “Kandi bazabwira imisozi : bati nimutugweho, babwire n'ibikombe bati nimudutwikire! Arongera ati : Niba ibi bibaye ku giti kibisi nibigera ku giti cyumye bizagenda bite?” Igiti kibisi cyavugwaga ni Yesu ubwe, Umucunguzi utarangwaho icyaha. Imana yemeye ko umujinya ihanisha icyaha ugwira Umwana wayo ikunda cyane. Yesu yagombaga kubambwa kubera ibyaha by'abari mu isi. Ni ikihe gihano cyari kigenewe abantu bagombaga gukomeza kugundira icyaha? Ibyigomeke n'abatizera bagombaga guhura n'imibabaro ndetse n'amakuba ku buryo nta rurimi rwabasha kubisobanura.

Mu bari bakurikiye Umukiza i Kaluvari, harimo abari barazunguje amashami y'imikindo baririmba “ Hoziyana”, bari baramushagaye mu cyubahiro ubwo yari aje i Yerusalemu ahetswe n'indogobe. Benshi mu bari aho icyo gihe bari barimenyereje kumuhimbaza noneho muri ako kanya nibo barimo bavuga bati :

“Nabambwe! Nabambwe!” Ibyiringiro by’abigishwa be ubwo yari aje aho i Yerusalemu, byari byazamutse cyane kubw’ibyishimo bari bafite. Bari bamwiyegereje cyane, bafite ishema ry’uko ari abe. Ariko ubu bwo, ubwo yari acishijwe bugufi, afite umubabaro mwinshi kandi yakojejwe isoni, bagendaga bamwitaje cyane. Amagambo ya Yesu yari asohoye rwose ngo : “Mwebwe mwese ibyanjye birabahemuza kuko byanditswe ngo nzakubita umwungeri, umukumbi w’intama usandare.”³

Bagera aho bagomba kumubamba, imfungwa zari zihambiriwe ku byo ziri bubambweho. Ibyo bisambo byateraga amahane mu maboko y’abashaka kubimanika; ariko Yesu we nta mahane yari afite. Nyina yegamiye Yohana umwigishwa wakundwaga yari yaje i Kaluvari akurikiye aho umuhungu we yari yanyuze. Yari yamubonye ajya munsu y’uburemere bw’umusaraba, ashaka uko yaramiza ikiganza cye umutwe wangiritse, agahanagura uruhanga yari yaragiye yiyegamiza kenshi mu gituzi cye. Ariko aho ntiyemerewe kumuhumuriza. Nk’abigishwa be, Mariya yari yakomeje kugira ibyiringiro ko Yesu aribugaragaze ubushobozi bwe, agacika abanzi be. Umutima we ucika intege cyane yibutse amagambo yababwiraga avuga iby’ako kanya bagezemo. Akomeza kumwitegereza, mu mubabaro mwinshi, mu gihe ibisambo byo byari bimanitse. Ese koko uwagiye azura abapfuye agiye kwemera kubambwa? Ese koko Umwana w’Imana yari agiye gupfa rubi ? Ese Mariya yari agiye kureka gutekereza ko Yesu ari Mesiya? Ese yari agiye kuba umuhamya w’umubabaro we nta n’icyo yamufasha mu kababaro? Abona bamurambitse ku musaraba, bazanye inyundo n’imisumari; igihe imisumari itangiye kwinjira mu mubiri we, abigishwa n’umutima umenetse, bamujyana kure y’ibyo bintu bishishana byaberaga aho.

Umukiza ntiyigeze anihira. Mu maso he hakomeza kugaragaza kwikomeza n’ituzi ryinshi, ariko ibitonyanga binini by’ibyuma bitamba mu ruhanga rwe. Nta kiganza cyari aho cyo kumuhanagura icyo cyuma nk’icy’ugiye gupfa mu maso he, nta jambo ryo kumuhumuriza no kumukomeza ryigeze riza ngo rimukomereze umutima wa kimuntu yari afite. Mu gihe abasirikare barimo bakora umurimo wabo w’ubugome, Yesu asabira abanzi be ati: “Data, ubababarire kuko batazi icyo bakora.” Aho intekerezo ze yari azikuye ku mubabaro umuriho maze azerekeza ku cyaha cy’abamugirira nabi kandi no ku kaga kabategereje. Nta kuvuma abo basirikare kwigeze kugaragara aho nubwo babikoranaga ubugome. Nta gitekerezo

cyo kwihorera cyigeze kimubonekamo ngo akigirire abatambyi n’abakuru bari banejejwe n’igikorwa bagezeho. Yesu yari afitiye impuhwe ubujiji bwabo ndetse n’icyaha cyabo. Anezezwa no kubasabira imbabazi abivuga nk’uwongorera ati: “Kuko batazi icyo bakora.”

Bagombye kuba barafashwe n’ubwoba ndetse bakababara cyane iyo bamenya ko bari kugirira nabi Uwavuye mu ijuru aje gukiza ubwoko bwacumuye byo kurimbuka kw’iteka. Ntabwo ubujiji bwabo bukuraho gukiranirwa kwabo: kuko baba baramenye kandi bakemera Yesu, nk’Umukiza. Bamwe muri bo, nyuma y’aho bari kumenya icyaha cyabo, bakihana kandi bagahinduka. Abandi kubwo kutihana kwabo, bari kubuza isengesho Yesu yari yabasabiye kumvirwa. Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, umugambi w’Imana uzagerwaho. Yesu yariho yitegura kugira uburenganzira bwo guhinduka Umuvugizi w’abantu imbere y’Imana.

Mu gusengera abanzi be, Yesu yari yireherejeho isi yose, hamwe n’abanyabyaha babayeho ndetse n’abazabaho, uhereye ku ntangiriro ukageza ku iherezo ry’ibihe. Abantu bose ni bo batumye Umwana w’Imana abambwa. Kuri bose imbabazi zitangirwa ubuntu. “Ubishaka wese” abasha kubona amahoro y’Imana ndetse n’umurage w’ubugingo buhoraho.

Yesu amaze gutererwa imisumari ku musaraba, abagabo b’imbaraga barawufata, barawuzamura, barawuhagarika bawushingana ubuhubutsi ahantu hari hateguwe maze Umwana w’Imana arahababarira cyane. Hanyuma Pilato ategura inyandiko mu kilatini, mu kigereki no mu giheburayo ayishyirisha ku musaraba, hejuru y’umutwe wa Yesu. Yari yanditse ngo : “Yesu w’i Nazareti, Umwami w’Abayuda”. Iyo nyandiko irakaza abayuda cyane. Barasakuje, mu kibuga cy’urukiko rwa Pilato bati: “Nabambwe!” “Nta wundi mwami dufite keretse Kayizari”, bivuga rero ko ugira undi mwami yemera ari icyigomeke. Nuko Pilato abigenza uko babyifuje. Nta kindi cyaha cyanditsweho keretse gusa ko Yesu ari Umwami w’Abayuda. Iyo nyandiko yagaragazaga uburyo abayuda bakwiye kwiringira ubuyobozi bw’Abaroma. Yagaragazaga ko bikwiriye guhana icyo gihano cy’urupfu umuntu wese wiyise umwami w’Abayuda. Abatambyi barishutse bo ubwabo. Mu gihe bateguraga urupfu rwa Kristo, Kayafa yavuze ko bikwiriye ko umuntu apfa kugira ngo igihugu gikire. Ubu noneho uburyarya bwabo bwari bugaragaye. Mu kwicisha Kristo bari bagaragaje rwose ko biteguye gutanga igihugu cyabo ngo kirimburwe.

Bamaze kumva ibyo bakoze, abatambyi basaba Pilato guhindura iyo nyandiko bati: “ Ntiwandike ngo: Umwami w’Abayuda, ahubwo wandike ko yavuze ngo: “Ndi Umwami w’abayuda”. Pilato, n’ikimwaro cyinshi gitewe n’intege nke yagaragaje, ntiyita ku byo abatambyi n’abakuru bamusaba ku bw’uburyarya bwabo. Ababwira yeruye ati : “Ibyo nanditse nabyanditse.”

Imbaraga isumba iya Pilato n’abayuda yashatse ko iyo nyandiko ishyirwa hejuru y’umutwe wa Yesu. Binyuze muri iyo nzira, ubushake bw’Imana bwagombaga gutuma abantu batekereza kandi bukabatera kugenzura Ibyanditswe byera. Bitewe n’uko Kaluvari yari ahirengeye hejuru y’umurwa, ayo magambo yari atangajwe agaragaza ko Yesu ari Mesiya w’i Nazareti, Ukuri kuzima; yanditswe n’ikiganza cyari kiyobowe n’Imana, yagombaga gusomwa n’abantu ibihumbi n’ibihumbi baje i Yerusalemu baturutse imihanda yose.

Imibabaro Yesu yahuye na yo ku musaraba ni isohozwa ry’ubuhanuzi. Ibinyejana byinshi mbere y’uko kubambwa, Umukiza yari yaravuze ibyo yagombaga kugirirwa. Yaravuze ati : “Kuko imbwa zingose, umutwe w’abanyabyaha untaye hagati, bantoboye ibiganza n’ibirenge. Mbasha kubara amagufwa yanjye yose, bandeba bankanuriye amaso. Bagabana imyenda yanjye, bafindira umwambaro wanjye.” Ivyavuzwe mbere birebana n’igabana ry’imyenda ye byasohoye nta nshuti cyangwa umwanzi w’ubambwa ubigizemo uruhare. Imyambaro ye ihabwa abasirikare bamubambye ku musaraba. Kristo yumva barwanira iyo myambaro ngo bayigabane. Bitewe nuko ikanzu ye itari ifite aho iteranirijwe ari igitambaro kimwe, barabwirana bati : “Ntituwutanyure, ahubwo uwutombora abe ari we uwutwara.”

Umukiza yari yaravuze andi magambo y’ubuhanuzi ngo: “Ibitutsi byamenaguye umutima ndarwara cyane, nashatse uwangirira imbabazi ariko ntihaboneka n’umwe, nashatse abo kumara umubabaro ndababura. Kandi bampaye indurwe kuba ibyo kurya byanjye, ngize inyota bampa umushari wa vino.”⁴ Bishimiraga guha umuntu wese wabaga ashyizwe mu mubabaro wo ku musaraba ibyo kunywa byica imitsi yumva. Nuko babiha Yesu, ariko asomyeho, arabyanga. Ntacyo yemeye gufata gishobora kuyobya ubwenge bwe. Kwizera kwe mu Mana

kwagombaga gukomeza gukomera; ni yo mbaraga yonyine. Mu kwemera guca intege ibiyumviro by'umubiri we, yari kuba ahaye satani urwaho.

Abanzi ba Yesu bagaragazaga uburakari kubw'uwari umanitswe ku musaraba. Abatambyi, abakuru n'abanditsi, bihuriza hamwe n'agatsiko k'abari aho mu gutuka Umukiza wasambaga. Igihe yabatizwaga n'igihe yarabagiranaga, Imana ubwayo yatangaje ko Kristo ari Umwana wayo. Inshuro imwe na none, mbere gato yo kugambanirwa, Imana yatangaje ubumana bwe. Ariko ubu noneho ijwi ryo mu ijuru ryari ryacecetse. Nta buhamya bwarimo bwumvikana bwo guhamya Kristo. Yari yatereranywe muri uko kugirirwa nabi no gukobwa n'abagome.

Baravuga bati: “Niba uri Umwana w’Imana, manuka ku musaraba.” “Niyikize ubwe, niba koko ari Kristo uwatowe n’Imana”! Mu butayu bw’ibigeragezo, satani yabwiye Yesu ati: “Niba uri Umwana w’Imana, tegeka aya mabuye ahinduke imitsima.” “Niba uri Umwana w’Imana, wijugunye hasi⁵” uvuye ku gasongero k’urusengero. Satani n’abamaraika be, mu ishusho y’abantu, bari aho hafi y’umusaraba; ingabo z’umubi zari zifataniye n’abatambyi n’abakuru. Abigisha b’abahanga batumye abantu b’injiji bavuga amagambo yo guciraho iteka uwo benshi batari barigeze babona na rimwe mbere hose. Bayobowe n’imbaraga ya satani, abatambyi, abakuru, abafarisayo, bifataniye n’itsinda ry’imbura mumaro zinangiye. Abayobozi b’iby’iyobokamana bishyize hamwe na satani n’abamaraika be, nuko bumvira amabwiriza ye.

Muri iyo mibabaro ye no gusamba kwe, Yesu yarimo yumva buri jambo ryose ry’abatambyi : “Yakijije abandi, none ntabasha kwikiza ubwe, ni Umwami wa Isiraeli! Namanuke ku musaraba natwe turamwizera.” Yesu yashoboraga kumanuka kuri uwo musaraba, ariko kubera ko yanze kuwumanukaho, akanga kwikiza, ni yo mpamvu umunyabyaha ashobora kubona imbabazi n’ubuntu bukomotse ku Mana.

Mu gukoba Umukiza, abagabo biyita abasobanuzi n’abigisha b’ubuhanuzi barimo basubiramo amagambo bari barahawe n’Umwuka. Nyamara ubuhumyi bwabo ntibwashoboraga gutuma babona ko bari gusohozza ubuhanuzi. Abavugaga bakoresha imvugo yo gushinyagura ngo : “avuga ko yizera Imana, ngaho Imana nimukize niba imukunda; kuko yavuze ati : Ndi Umwana w’Imana”, ntibashobora gutekereza ko ubuhamya bwabo buzajya bugaruka mu binyejana byari gukurikiraho. Nubwo ayo magambo yari avuzwe ashinyagura, yagombaga kuzatuma abantu

bongera kugenzura mu Byanditswe kurusha uko batari barabikoze mbere. Abanyabwenge bazumva, bazashakashaka, bazatekereza kandi bazasenga. Bamwe muri bo bagombaga kwemera kuvunika kugeza ubwo, bamaze kugereranya umurongo n’undi, babashije kuvumbura ubusobanuro bw’umurimo wa Kristo. Yesu ntiyigeze amenyekana nk’igihe yari amanitse ku musaraba. Umucyo w’ukuri urabagiranira mu mitima ya benshi mu bari aho yari abambwe kandi bumva n’amagambo ya Kristo.

Umurasire uhumuriza uza gusubizamo Yesu intege, igihe yari arimo asamba : Ni isengesho ry’igisambo cyarimo cyihana. Abagabo babiri bari babambanywe na Yesu batangiye kumumwaza. Uko imibabaro yiyongera, umwe muri bo arushaho kuvuga amagambo akarishye kandi ashotorana, yuzuyemo agasuzuguro. Ariko mugenzi we si uko yari ameze. Uwo mugabo ntiyari umwicanyi winangiye, yari yaratewe ubwo bubi bwe n’inshuti mbi, ntiyari uwo gucirwaho iteka nk’irya benshi mu bari aho munsu y’umusaraba; bakoba Umukiza. Yari yarabonye Yesu kandi yaramwumvise, kandi inyigisho ze zari zaramucengeye; ariko bitewe n’abatambyi n’abakuru, ava mu byo yari yigishijwe. Kugira ngo ibyo yize bimuvemo rwose, yacengeye cyane mu cyaha kugeza ubwo yaje gufatwa, acibwa urubanza rw’umwicanyi, maze akatirwa urwo gupfa amanikwa ku musaraba. Abona ari bugufi bwa Yesu mu cyumba cy’urukiko no mu nzira yerekeza i Kaluvari. Yari ahari ubwo Pilato yavugaga ko

: “nta cyaha amubonaho”. Yitegereje imyifatire mvajuru y’Umukiza no kwihangana kwe imbere y’abamubabazaga. Hejuru aho ku musaraba, uwo mugabo amanitse, yitegereza abitwa ko ari bo bigisha ubutungane bazunguza umutwe, bavuga amagambo yuzuyemo agasuzuguro, batitaye ku Mwami Yesu.

Yumva mugenzi we avuga amagambo yo kumugaya ati: “Ese nturi Kristo? Ikize ubwawe, natwe udukize.” Mu bihitiraga, benshi bavugiraga Yesu, basubiramo amagambo ye kandi bavuga n’ibikorwa bye. Igisambo cyemezwa rwose ko kiri imbere ya Kristo. Gihindukirira mugenzi wacyo kiramubwira kiti: “No kubaha Imana ntuyubaha? Uri mu rubanza rumwe n’urwe?” Abagizi ba nabi bari barindiriye urupfu ntabwo bari bagitinya abantu. Ariko umwe muri bo yemezwa rwose ko hari Imana yo kubahwa kandi ko hari ahazaza hateye ubwoba. Imibereho yahindanyijwe n’icyaha igera ku iherezo ryayo. «Ko twebweho duhowe ukuri tukaba twituwe ibyo twakoze ariko uyu we nta kibi yakoze.»

Nta gushidikanya, nta kugaya. Igisambo cyari cyaguye mu bwihebe butewe n'icyaha cyari cyakoze, ubu noneho intekerezo nshya zari zivutse mu mutima we wari wahumuriywe. Cyibuka ibyo kizi kuri Yesu byose, uko yakijije abarwayi akababarira ibyaha. Yari yarumvise abari bizeye Yesu kandi bamukurikiye barira. Yari yashoboye gusoma inyandiko yari hejuru ya Yesu. Abahanyuraga barayisomaga bamwe n'ijwi ritengurwa kandi ryuzuyemo agahinda, abandi bamukoba. Umwuka wera amurikira intekerezo ze, nuko buhoro buhoro, uruherekane rwo kumwemeza rwuzura mu maso ye. Muri uwo Yesu, wababajwe atyo, umantse ku musaraba, bakobye, asobanukirwa neza ko ari Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Gikoresheje ijwi rigaragaza ibyiringiro n'agahinda, icyo gisambo cyari cyacishijwe bugufi cyiyegurira Umukiza warimo asamba kiti: «Yesu, uzanyibuke aho uzazira mu bwami bwawe.» Igisubizo nticyatinze, igisubizo cyuzuye urukundo, impuhwe n'ubushobozi ngo : Ni ukuri ni ukuri ndakubwira ko uyu muni turi bubane muri Paradizo.

Mu masaha menshi y'umubabaro we, amatwi ya Yesu yagiye yinjirwamo n'ibitutsi, kumukwena, n'amagambo yuzuyemo imivumo. Umutima wifuzaga kumva amagambo yo kwizera aha ku bigishwa be ariko yumvise amagambo ababaje : «Twiringiraga ko ari we wari kuzacungura Isiraeli.» Mbega ibyishimo by'Umukiza yumvise umugizi wa nabi usamba agaragaza kwizera n'urukundo amufitiye! Mu gihe abayobozi b'ishyamba ry'abayuda bari bamwanze n'abigishwa ubwabo bashidikanyije ubumana bwe, icyo gisambo cyari ku rugi rw'iteka ryose, cyemera Yesu nk'Umwami wacyo. Abantu benshi bamwemeye igihe yakoraga ibitangaza igihe yasohokaga mu gituro atsinze, ariko igisambo cyonyine cyakijijwe ku isaha ya cumi n'imwe, cyo cyamwemeye igihe yarimo asambira ku musaraba.

Amagambo y'uwo mugabo warimo wihana atuma abari aho bayakurikirana. Abarimo barwanira imyambaro ya Yesu muni y'umusaraba, kandi bari bafindiye ikanzu ye, barahagarara, bacecetse, kugira ngo bumve. Barangije, bitegereza Yesu, bategereje igisubizo kirasohokera mu kanwa k'urimo gusamba.

Igicu cyijimye cyasaga n'ikigose umusaraba cyahuranywa n'umucyo w'umurasire urabagirana igihe Yesu yari abwiye igisambo amagambo ye y'isezerano. Uwo mugome wari wihannye yumva yemewe n'Imana, agaragaza

amahoro yuzuye. Kristo yari yererejwe mu gihe yari acishijwe bugufi. Yari anesheje, mu gihe yagaragariraga bose ko yaneshejwe. Agaragara nk'uwikoreye icyaha cy'isi yose. Abantu bashobora gufata nabi umubiri we, bakinjiza ikamba ry'amahwa mu ruhanga rwe rwera, bakamwambura imyambaro ye no kuyirwanira, ariko ntibashobora kumwambura ububasha bwo kubabarira ibyaha.

Mu gupfa, Yesu yari ahamije ubumana bwe n'ububasha bwa Se. Ugutwi kwe ntikwapfuye ngo ananirwe kumva, n'ukuboko kwe ntikwaheze ngo ananirwe gukiza. Akora umurimo wa cyami wo gukiza rwose abegerezwa Imana na we.

Ni ukuri ndakubwira ko uyu muni turabana muri Paradizo. Kristo ntabwo yasezeraniye igisambo ko babana muri Paradiso uwo muni, kuko na we ubwe atahise ajyayo. Yasinziye mu gituro bityo yavugaga mu gitondo cy'umuzuko; aravuga ati: «Sindazamuka ngo nyje kwa Data.⁶» Ariko isezerano ryari ritanzwe ku muni wo kubambwa, ku muni wasaga n'uwo gutsindwa ndetse n'umuni w'umwijima. «Uyu muni, igihe yari apfuye, aguye ku musaraba, nk'umugome, Kristo yasezeraniye igisambo ati:« Turabana muri Paradizo“.

Abagome bari babambwe hamwe na Yesu bashyizwe «umwe mu ruhande rumwe undi mu rundi, Yesu ashyirwa hagati.» Ibyo byakozwe ku buryo bwari bwateguwe n'abatambyi n'abakuru. Mu gushyira Kristo hagati y'ibisambo bibiri, bashakaga kwerakana ko ariwe mugome ruharwa muri abo batatu. Nuko rero haba hasohoye aya magambo yo mu Byanditswe ngo: «Yabaranywe n'abagome.⁷» Ariko abatambyi ntibumva ubusobanuro bwose bw'igikorwa cyabo. Nk'uko Yesu yabambwe hagati y'abagome babiri, niko n'umusaraba we washyizwe hagati y'isi yigaragura mu cyaha. Amagambo yabwiwe umugome wihannye azakwirakwiza umucyo uzagenda ukagera ku mpera z'isi.

Abamaraika barebaga batangaye bikomeye urukundo rutarondoreka rwa Yesu wazirikanaga abandi mu gihe yari mu mibabaro ikomeye kandi atera umwete umutima wihana. Mu gucishwa bugufi kwe yari yabwiye abakobwa b'i Yerusalemu amagambo y'ubuhanuzi. Yari yakoze umurimo we w'ubutambyi avuganira abamwicaga ku Mana. Umukiza w'ibambe, yari yababariye ibyaha by'umugome wihannye.

Mu gihe amaso ye yagendagenda mu bantu bari bamuzengurutse, abona ishusho ayitinzaho amaso. Aho umusaraba ushinze hari nyina, yiyegamijwe na Yohana. Ntabwo yashoboye kuguma kure y'Umwana we; Yohana amenye ko igihe cyegereje, amugarura hafi y'umusaraba. Mu isaha ye ya nyuma, Kristo yibuka nyina. Arebye mu maso he hangijwe n'umubabaro, arebye no mu maso h'umwigishwa we, abwira nyina ati : «Mubyeyi nguyu umuhungu wawe.» Nuko abwira na Yohana ati: «nguyu nyoko.» Yohana yumva amagambo ya Kristo yemera inshingano yari ahawe. Ako kanya ajyana Mariya mu rugo rwe kandi guhera ubwo amwitaho cyane. Oh! Mbega Umukiza wuzuye urukundo n'impuhwe! Mu mibabaro ye y'umubiri no gushenguka kw'intekerezo, yari afite igitekerezo cyo kugira icyo yasabira nyina. Nta mafaranga yari afite yo kumusigira; ariko we ubwe yari mu mutima wa Yohana, nk'amaronko abitse mu gikoresho cyabugenewe; kandi yari ahaye umwigishwa ikintu cy'ingenzi: nyina, aha Mariya icyo yari akeneye cyane : urukundo rw'uwamukundaga kuko na Mariya yakundaga Yesu. Mu kumwakira nk'uragijwe ikintu cyera, Yohana yari abonye umugisha w'igicro gikomeye cyane. Mariya yagombaga guhora amwibutsa Umwigisha yakundaga cyane.

Urugero rwiza cyane Kristo yakundagamo umubyeyi we rwakomeje kurabagirana no mu bindi binyejana byakurikiye. Mu myaka igera kuri mirongo itatu yakoresheje imbaraga ngo yikorere umutwaro we wo mu muryango, buri muni akoresheje intoki ze. Na n'ubu, ageze mu mubabaro we uheruka atekereza ku byo nyina akeneye, wari usigaye wenyine mu mubabaro. Umwigishwa wa Yesu wese azagaragaza ibitekerezo nk'ibyo. Abakurikira Kristo bagomba kumva ko umugabane umwe w'iyobokamana ryabo ari uwo kubaha ababyeyi no kubaha ibyo bakeneye. Umuntu wese ufite urukundo rwa Kristo mu mutima we ntazigera na rimwe areka gukorera se na nyina ibyo bamukeneyeho n'urukundo bafitiye uburenganzira.

Umwami w'icyubahiro yari agiye gupfa ngo abe inshungu y'ikiremnamuntu. Ubwo Kristo yari aretse ubuzima bwe bw'igicro, ntabwo yari ashyigikiwe n'ibyishimo byo gutsinda. Umwijima wari umugose kandi umwotsa igitutu. Ntabwo ari ubwoba bw'urupfu bwari bumwugarije. Ntabwo wari umubabaro cyangwa gushinyagurirwa ku musaraba byari bimuteye gusuhuza umutima bitavugwa. Kristo yari umukuru mu barenganijwe. icyamubabazaga hejuru y'ibindi, kwari ukumva uburyarya bw'icyaha umuntu yaretse kureba ubunini bwacyo bityo yihuza na cyo. Kristo yabonaga icyo kibi cyakoze ku mutima

w'umuntu; kandi abona rwose ko abantu bake gusa ari bo bazagicika. Yari azi ko, hatabayeho ubufasha bw'Imana, ikiremhamuntu cyari kurimbuka, kandi yabonaga abantu benshi cyane bazimiye nubwo bahawe ubutabazi buhagije.

Kristo yihwaniye natwe, yikoreye ibyaha bya bose. Yashyizwe mu mubare w'abanyabyaha kugira ngo abashe kudukiza umuvumo w'amategeko. Gukiranirwa kw'abakomoka kuri Adamu bose kwari gushikamiye umutima we; umujinya Imana igaragariza icyaha wuzuzaga agahinda umutima wa Yesu. Mu buzima bwe bwose, Kristo ntayahwemye gutangariza isi yazimiye ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana n'ubw'urukundo rubabarira. Intego yabwo idahinduka yari agakiza k'umunyabyaha ruhara. Ubu buwe noneho, ntiyari acyemerewe kureba mu maso y'impuhwe ha Data wa twese bitewe n'uko yari muni y'uburemere bu gukiranirwa byari kuri we. Nta muntu uzigera yumva umubabaro ukomeye Umukiza yagize muri icyo saha y'agahinda kenshi, aho Imana yari yamuretse. Gusamba kwe mu buryo bw'intekerezo kwari kunini ku buryo yibagiwe kubabazwa k'umubiri we.

Satani yari yibasiye Yesu mu bishuko bye byashishanaga. Ntabwo Umukiza yarebaga hirya y'imva. Ntabwo ibyiringiro yari afite byamwerekaga ko azaneshaga igituro, ntabwo yari yizeye ko igitambo cyeye cyemewe na Se. Bitewe nuko yari azi uburyo icyaha ari kibi bikabije mu maso y'Imana, yatinyaga ko gutandukana gushobora kuba ukw'iteka ryose. Yesu yagize umubabaro umunyabyaha wese azagira igihe ubuntu buzaba butakivuganira ubwoko bwacumuye. Kumva icyaha, cyo cyashyize umujinya wa Data wa twese kuri we kuko yari yagiye mu mwanya w'umuntu, ni cyo cyatumye igikombe cyeye gisharira, bimenagura umutima w'Umwana w'Imana.

Abamaraika bakurikiranaga uwo mubabaro w'Umukiza utarimo ibyiringiro bipfutse mu maso imbere y'ibyabereye aho biteye ubwoba. Ibyaremwe na byo ubwabyo byerekanyaga uburyo byitaye ku Muremyi wabyo warimo akobwa kandi yenda gupfa. Izuba ryanga kumurikira ibyo biriho biba biteye ubwoba. Mu isaha ya gatandatu, mu gihe izuba ryamurikaga n'imirasire yaryo, rizima mu buryo butunguranye. Haba umwijima w'icuraburindi, umeze nk'agatambaro, wari ugose umusaraba. «Kugeza ku isaha ya cyenda, haba umwijima ku isi yose.» Nta

bwirakabiri, nta mpamvu isanzwe yashoboraga gusobanura uwo mwijima, umwijima ubuditse nk'uwo mu gicuku iyo nta kwezi cyangwa inyenyeri bimurika. Bwari ubuhamya bw'igitangaza Imana yari ihaye abantu kugira ngo igaragaze kwizera kw'ibisekuru bizakurikiraho.

Uwo mwijima ubuditse utyo wari uhishe Imana yari iri aho. Yari yagize umwijima aho iri, bityo bituma icyubahiro cyayo kitagaragara mu maso y'abantu. Imana n'abamaraika bayo bari aho hafi y'umusaraba. Data wa twese yari yagumye hafi y'Umwana we, atagaragara; iyo icyubahiro cye kimurikira muri uwo mwijima, cyari guhitana abari aho bashungereye. Muri iyo saha idasanzwe Kristo ntiyagombaga gukomezwa n'uko Imana yari iri aho. Yagombaga kwengera mu muvure wenyine, kandi mu be nta n'umwe wagombaga gufatanya na we.

Uko kubabazwa kwa nyuma k'Umwana w'Imana kwari gutwikiriwe n'icyo gicu cyijimye. Abari bitegereje Kristo mu mibabaro yarimo bari babashije gusobanukirwa n'ubumana bwe. Mu maso he hagombaga gusiga urwibutso rudasibama mu mitima y'abari bamubonye inshuro imwe. Mu maso ha Kaïni haragagazaga urugomo, mu maso ha Kristo hagaragazaga ubuziranenge, ituza, ubugiraneza n'ishusho y'Imana. Nyamara abamuregaga ntibashatse kureba umukono w'ijuru. Mu masaha menshi y'umubabaro, Kristo yari yabaye igishungero cy'abantu bamukwenaga. Ubu bwo rero noneho Imana yari yamutwikiriye ikoresheje umwambaro wayo mu buryo bw'imbabazi zayo.

Ituza nk'iryo ku gituro ryari aho i Kaluvari. Ubwoba butabasha gusobanurwa bwari bwatashye abari bazengurutse umusaraba. Imivumo no gukwena ntibyongera kuboneka ku minwa yabo. Abagabo, abagore n'abana bagwa hasi. Hato na hato imirabyo ikomeye yari yakwiriye hejuru aho, bityo igatuma hagaragara umusaraba n'Umucunguzi umanitseho. Abatambyi bakuru, abanditsi, abasirikare n'iyo nteko y'abantu bose : batekerezaga ko isaha y'igihano cyabo ibagereyeho. Nyuma y'akanya gato, umuntu umwe ajujura avuga ko Yesu ashobora kuba agiye kumanuka ku musaraba. Benshi muri bo bagendaga bashakisha inzira, iberekeza mu murwa, bagenda bikubita mu gituza, baboroga.

Bigeze nko mu isaha ya cyenda umwijima weyuka hejuru y'abari aho, ariko ukomeza kugota Umukiza : ikimenyetso cy'umubabaro n'amakuba byari biremereye umutima we. Nta jisho ryashoboraga kwahuranya umwijima wari

utwikiriye umusaraba, kandi ibyo ntibyanashobokaga ku mwijima wari ugose umutima ubabajwe wa Kristo. Imirabyo ikomeye yarabyaga impande ze. Nuko “Yesu avuga cyane n’ijwi rirenga : “Eli, Eli, Lama Sabakitani? Mana yanjye, Mana yanjye ni iki kikundekesheje?” Babonye uburakari bw’imbaraga zo mu kirere zihindutse kubw’Umukiza, amajwi amwe aravuga ngo : Kwihorera kw’ijuru kumugezeho. Inkuba y’umujinya w’Imana imugezeho bitewe n’uko yiyise Umwana w’Imana. Benshi mu bari bamwizeye batakaza ibyiringiro bumvise urwo rusaku rwe rurimo igisa no kwiheba. Niba Imana yari yaretse Yesu, ni nde wundi abigishwa be bashoboraga kwisunga? Igihe umwijima wari ugose umutima we wari umaze gutamuruka, abona gutangira kwumva ububabare bw’umubiri, niko kuvuga ati : “Mfite inyota”. Umusirikare w’umuroma wari ugize impuhwe abonye iminwa ye yumye, afata ipamba arishyira ku giti nuko arangije kurishyira mu ndurwe, aramuha. Ariko abatambyi bo barimo bamukwena muri uwo mubabaro we. Bari basabwe n’ubwoba bukaze ubwo umwijima wari watwikiriye isi, ariko ubu bwo ubwoba bwari bwatamurutse, bari bafite impungenge z’uko Yesu yabacika. Bishutse ku busobanuro bw’amagambo ye : “Eli, Eli, Lama Sabakitani?” Bavugana agasuzuguro ngo: “Arahamagara Eliya.” Nuko mu gusuzugura ayo mahirwe ya nyuma ngo bamuhumurize muri uwo mubabaro, bongeraho ngo: “Mureke turebe niba Eliya aza kumukiza.”

Umwana w’Imana utagira inenge yari ari aho, amanitse ku musaraba, umubiri we wangijwe n’inkoni, ibiganza bye byahoraga kenshi biramburiye gukora ngo bitange umugisha byari byatewemo imisumari ku giti; ibirenge bye, bitananiwaga kubw’umurimo w’urukundo, nabyo byari byatobowe; umutwe we wa cyami wari wangijwe n’ikamba ry’amahwa, iminwa ye yatitiraga yumvikanisha urusaku rw’umubabaro. Ibyo yababajwe byose; ibitonyanga by’amaraso byatembye biva mu mutwe we, mu ntoki ze, mu birenge bye, umubabaro wanyeganyeje umubiri we, agahinda katavugwa kari kuzuye umutima we igihe Se yari yamukuyeho amaso, byose bigira icyo bibwira buri mwana wese w’ikiremhamuntu : Ni ku bwawe Umwana w’Imana yemeye kwikorera uwo mutwaro no gucirwaho iteka, ku bwawe yanesheje urupfu akingura amarembo ya Paradiso. Uwaturishije imiraba ikaze kandi akagenda hejuru yayo, uwahindishaga imishitsi abadaimoni kandi akirukana indwara, uwafunguraga amaso y’impumyi kandi agasubiza ubugingo abapfuye, yari yitanze ku musaraba nk’igitambo kubw’urukundo agukunda. Yikoreye icyaha,

agerwaho n’uburakari bwo gukiranuka kw’Imana; ku bwawe, yafashwe nk’icyaha ubwacyo.

Abari aho bari bategereje bacecetse iherezo ry’ibintu bikomeye byarimo biba muri ako kanya. Izuba rirava, ariko umusaraba wo wasigaye ugoswe n’umwijima. Abatambyi n’abakuru bitegereza mu cyerekezo cy’umurwa Yerusalemu, babona igicu kinini gikwiriye kuri uwo muji no mu bibaya bya Yudaya. Zuba ryo gukiranuka, Umucyo w’isi, yariho akura umucyo we ku murwa wa Yerusalemu, kera wari witaweho cyane. Imirabyo iteye ubwoba y’umujinya w’Imana yari yerekeye ku murwa wari ugiye guseniyuka.

Muri ako kanya umwijima wari ugose umusaraba uratamuruka, nuko Yesu n’ijwi ryumvikana cyane kandi riranguruye ati : “Birarangiye.” “Data, nshyize umwuka wanjye mu biganza byawe.” Umucyo ugota umusaraba, nuko mu maso h’Umukiza harabagirana nk’izuba. Umutwe we ugwa mu gituza cye nuko umwuka urahera.

Kristo yari yiranguje kugeza ku ndiba igikombe cy’umubabaro wa kimuntu. Mu gihe cy’ayo masaha ateye ubwoba; yari yaruhukiye kubwo kwizera m’Uwo yahoraga yubahisha umunezero, kandi akaba yari amuziho gukiranuka, imbabazi n’urukundo rwinshi. Igihe yishyiraga mu Mana yicishije bugufi cyane, areka kumva ko Imana itakimwitayeho. Kristo atsinda binyuze mu kwizera.

Ntabwo isi yari yarigeze ireba ibintu nk’ibyo. Abari aho bari bashobewe, amaraso asa n’ayahagaze, barongera bagarura intege, bitegereza Umukiza. Umwijima urongera urabudika, inkuba zirakubita cyane isi ihinda umushyitsi. Abantu birukanka bagwirirana. Haba igikorwa gitangaje cy’urujijo no guta umutwe. Ibitare biva ku misozi ikikije aho nuko bitemba n’urusaku rwinshi bijya mu kibaya. Ibituro birakinguka n’abapfu bari barimo bajugunywa hanze yabyo. Ibyaremwe byasaga n’ibigiye gushiraho. Abatambyi, abakuru, abasirikare n’abari bashinzwe kumwica ndetse n’abaturage bose, bari barambaraye hasi, ubwoba ntibwatumye bagira icyo bavuga.


Igihe ijwi : “Birarangiye” ryasohokaga ku minwa ya Kristo, abatambyi bakoraga umurimo wabo mu rusengero. Yari isaha y’igitambo cya nimugora. Bari bagiye gutamba umwana w’intama ushushanya Kristo. Abantu bose bari aho

bahanze amaso yabo ku mutambyi, wari wambaye imyambaro myiza cyane ifite icyo ishushanya, kandi yari afashe icyuma mu ntoki ze, nka Aburahamu agiye kugitera umwana we. Ariko dore isi iranyeganyega, kuko Umwami yegereje. Umwenda ukingiriza ahera cyane wo mu rusengero, utanyuka mu buryo bwumvikana cyane uhereye hejuru ukageza hasi nk’aho ari ikiganza kitagaragara kibikoze, nuko amaso y’abari aho acengera mu cyumba cyahoze cyuzuyemo ubwiza bw’Imana. Aho ni ho Imana yari yaragaragariye icyubahiro cyayo hejuru y’intebe y’impongano. Nta muntu n’umwe uretse umutambyi mukuru, wazamuraga inyegamo yatandukanyaga aho hantu n’ahasiyaye h’urusengero. Ni we wenyine wahinjiraga inshuro imwe mu mwaka kugira ngo ahongerere ibyaha by’ubwoko bwose. Ariko noneho dore inyegamo yahise itanyukamo kabiri. Ahera cyane h’ubuturo bwera bwo ku isi hari hatakaje kwera kwaho.

Ubwoba no kuvurungana biba hirya no hino. Icyuma kiva mu ntoki zisa n’izaguye ikinya z’umutambyi wari ugiye gusogota igitambo, nuko umwana w’intama urahunga. Ikimenyetso cyari kibonye icyo gishushanya mu rupfu rw’Umwana w’Imana. Hari habonetse igitambo gikomeye. Inzira igana ahera cyane irakinguye. Inzira nshya kandi ihoraho iteguriwe bose. Ikiremhamuntu cyacumuye kandi kibabazwa ntabwo cyari kigikeneye ko umutambyi mukuru abanza kuza. Uherye icyo gihe, Umukiza yagombaga gukorera mu ijuru, nk’Umutambyi n’Umwishingizi. Twavuga ko ijwi ryumvikana ryabwiraga abaramya riti : Ibitambyo byose n’amaturu yose kubera ibyaha byari birangiye. Umwana w’Imana yaje nk’uko Ijambo rye rivuga ngo: “Dore ndaje... kugira ngo, Mana yanjye nsohoze iby’ubushake bwawe.” “Yinjiye inshuro imwe gusa mu buturo bwera..... n’amaraso ye. Uko niko yatubereye gucungurwa kw’iteka ryose.”⁸

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 27: 31-53; Mariko 15:20-38; Luka 23:26-46; Yohana 19:16-30.
2. Abaheburayo 13:12; Abagalatiya 3:13.
3. Matayo 26:31.
4. Zaburi 22:17-19; 69:21,22.
5. Matayo 4:3,6.
6. Yohana 20:17.
7. Yesaya 53:12.
8. Abaheburayo 10:7; 9:12.

79. BIRARANGIYE



Yesu yatanze amaze gusoza umurimo we maze amagambo yaherekeje umwuka we wa nyuma yari aya ngo : « Birarangiye.¹» Urugamba yari arutsinze. Ubutungane bwe n'ukuboko kwe kwera byari binasheje. Ubwo yari ashinze ibendera ku nkike zihoraho. Mbega umunezero mu bamaraika! Ijuru ryose ryifatanyirije hamwe mu nsinzi y'Umukiza. Satani amaze gutsindwa, yabonye ko ntaho asigaye rwose. Aya magambo ngo «Birarangiye» yari afite ubusobanuro bukomeye mu maso y'abamaraika n'ay'abaturage bo mu yandi masi. Uwo murimo ukomeye wo gucungura, sitwe gusa wakorewe, ahubwo na bo urabareba. Basangiye natwe imbuto zo kunesha kwa Kristo.

Nyuma y'urupfu rwa Kristo ni ho kamere ya satani yahishuriwe abamaraika n'abandi baturage bo mu yandi masi. Umutware w'abagome yari yariyoberanije mu buryo butangaje ku buryo n'abera batari barigeze basobanukirwa amayeri ye. Ntabwo bari barigeze basobanukirwa neza impamvu yo kwigomeka kwe.

Iki kiremwa cyigaragambije ku Mana cyari gifite ububasha n'icyubahiro biheranije. Dore uko Uwiteka avuga kuri Lusufuri : «Wari intungane rwose, wuzuye ubwenge n'ubwiza buhebuje.²» Amaze gucumura, ububasha bwe bwo gushukana bwari burengeje urugero, kandi ntibyari byoroshye gusobanukirwa n'imico ye kuko yari afite umwanya wo hejuru iruhande rwa Data wa twese.

Byari byoroheye Uwiteka kurimbura satani n'abayobo be nk'uko byatworohere kujugunya akabuye: ibyo ntiyabikoze kuko kwigomeka kutagombaga kumenagurwa n'imbaraga. Ubuyobozi bwa satani ni bwo bwazanye amacakubiri. Amahame y'Imana atandukanye n'andi yose, ubutegetsi bwayo bufite ishingiro ku bugwaneza, imbabazi n'urukundo; ubwo nibwo buryo bwonyine

ikoresha, ni ukumenyekanisha amahame ye. Ubutegetsu bw’Imana ni ubutegetsu busubiza intege mu bugingo, ukuri n’urukundo ni byo bihamya intsinzi yabwo.

Umugambi w’Imana wari uwo gushyira ibintu byose ku rufatiro rw’umutekano, byemezwa, mu nama zo mu ijuru ko satani yahabwa igihe kugira ngo abanze arebe amahame y’ubutegetsu bwe kuko yibwiraga ko gahunda ye y’ubutegetsu iruta iy’ubutegetsu bw’Imana. Yahawe igihe cyo gukoresha ubwo butegetsu bwe mu maso y’ab’ijuru bose.

Satani ashora abantu mu cyaha, maze gahunda yo gucungurwa itangira kugaragaza ibikorwa byayo. Mu gihe cy’imyaka ibihumbi bine, Yesu yihatiye kubyutsa umuntu, mu gihe satani we yakomeje kumujiyana mu irimbukiro no mu buhenebere. Ibyo byose ijuru ryarabyitegerezaga.

Yesu aje mu isi, imbaraga z’umwanzi ziramuhagurukira. Kuva yagaragara, ari umwana muto ari i Betelehemu, umwanzi yashatse kumuhitana. Mu buryo bwose bushoboka, satani yashatse kubuza Yesu kugendera mu bwana no mu busore butunganye, no gutunganya umurimo we wera n’igitambo kitagira inenge. Satani yaratsinzwe ntiyabasha kugusha Yesu mu cyaha, cyangwa ngo amuce intege cyangwa ngo atume agamburura ku murimo wari wamuzanye hano mu isi. Kuva mu butayu kugera i Kaluvari, satani yasutse uburakari bwe kuri Yesu nta mpuhwe; ariko Umwana w’Imana akomeza ikiganza cya Se maze akomeza kujya mbere mu nzira ye y’amaraso. Umuhati wose satani yakoresheje kugira ngo akureho Umucunguzi kandi amuneshe warushijeho gutuma umucyo wa Kristo utarangwamo icyaha urushaho kugaragara.

Ijuru ryose n’abaturage bo mu yandi masi ataracumuye babaye abahamya b’urwo rugamba. Iherezho ry’urwo rugamba ryari ryakurikiranywe agahinda gashengura umutima. Bari babonye Yesu yinjira mu gashyamba ka Getsemani ananiwe kandi agoswe n’umwijima mwinshi. Bari bumvise anihana umubabaro agira ati : «Data, niba bishoboka iki gikombe kindenge!³» Bari bamubonye ahishwe mu maso ha Se, maze agira uburibwe burenze ubwo yagize yenda kuvamo umwuka maze mu ruhu rwe haturikamo ibyuya by’amaraso. Inshuro eshatu zose, Yesu

yarasenze, asaba gutabarwa. Ijuru rinanirwa kwihanganira ibyo igihe kirekire, Imana yoherereza Umwana wayo intumwa yo kumwiringiza.

Ijuru ryari ryitegereje uwo Muziranenge wahanwe mu maboko y’abagome, akajyanwa nabi mu nkiko ava kuri rumwe ajya ku rundi, akwenwa n’abari bamushungereye. Humvikanaga agashinyaguro k’abamurenganyaga ku byerekeranye n’ivuka rye riciye bugufi n’uburyo umwe mu bigishwa be yakundaga, yamwihakanye avumana arahira. Bari barabonye ibikorwa byo kuyobya intekerezo bya satani n’imbaraga akoresha mu mitima y’abantu. Mbega igikorwa giteye ubwoba! Umucunguzi afatwa mu gicuku mu gashyamba ka Getsemani ateraganwa mu nkiko, ajyanwa kabiri ku batambyi, kabiri mu rukiko rukuru rw’abayuda, kabiri imbere ya Pilato, rimwe imbere ya Herode, bamukwena, bamukubita, akatirwa urwo gupfa, ajyanwa aho agomba kubambwa yikoreye umusaraba uremereye hagati y’amaganya y’abakobwa b’i Yerusalemu no gukwenwa n’imburamumaro.

Ijuru ryitegerezanya umubabaro no kumirwa Yesu amanitswe ku musaraba, amaraso ashoka mu misaya yangiritse; impanga ye iva ibyuya bivanze n’amaraso. Kubw’uburemere bw’umubiri, inguma zo mu biganza no ku birenge zagendaga ziyongera, amaraso akomeza gutonyaga ku rutare bacukuye binjizamo umusaraba. Guhumeka biruhanije kwarushijeho kwiyongera, kugeza ubwo umutima w’Umucunguzi wahagiraga kubera ibyaha by’abatuye isi. Ijuru ryose ryuzuye umubabaro ryumvise isengesho ry’Umucunguzi mu mubabaro nk’uwo uteye ubwoba, ubwo yavugaga ati : «Data ubabarire kuko batazi icyo bakora.⁴» Hari abantu, baremwe ku ishusho y’Imana nyamara bihuriye hamwe kugira ngo baburizemo ubuzima bw’Umwana wayo w’ikinenge. Mbega ibintu bitangaje ku batuye ijuru!

Ububasha n’ubutware bw’umwijima byari byakoraniye ku musaraba biteza abantu umwijima w’icuraburindi wo kutizera. Ibyo biremwa byaremwe n’Uwiteka kugira ngo bijye bihagarara imbere y’intebe ye, mbere byari byiza bitunganye, ubwiza byabyo no kubonera kwabyo byari bigendanye n’umwanya byarimo. Bikungahajwe mu bwenge bw’Uwiteka kandi byambaye intwari z’ijuru, byari ibyegera by’Imana Yehova. Ariko se ubu ni nde wabasha kumenya, muri abo bamarayika baguye, abaserafi beza bahoze bakora umurimo mu buturo bwo mu ijuru?

Abamaraika bari ku murimo wa sekibi bari bihuje n'abantu buzuye ubugome kugira ngo babeshye abantu no kubatera kwanga Kristo bamuhama ko ari we munyabyaha ruharwa. Abakwenaga Yesu ari ku musaraba, bese bari buzuye ibitekerezo by'umugome satani. Uwo ni we wabashyiragamo ibitekerezo n'amagambo akarishye. Ni we kandi wabateraga gukwenya. Nyamara, nubwo bimeze bityo, ntacyo yakuyemo. Iyo haboneka n'icyaha kimwe gusa kuri Kristo, iyo yemerera satani n'akantu na gato kugira ngo arebe ko yakoroherwa n'imibabaro yari imuriho; umwanzu w'Imana n'abantu aba yaratsinze. Kristo acurika umutwe, araca, ariko kugeza ku iherezaho yakomeje kwizera kwe, kandi akomeza kwiyegurira Imana. «Numva ijwi riranga rivugira mu ijuru riti : Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi n'ubwami bw'Imana yacu n'ubutware bwa Kristo wayo. Kuko umurezi wa bene data ajugunywe hasi, wahoraga abarega ku manwa na nijoro imbere y'Imana yacu.⁵»

Satani yabonye ko atahwe. Uburyo bwe bwo gutegeka bwari bugaragajwe imbere y'abamarayika batatumye n'imbere y'ab'ijuru bese. Yahise yigaragaza ko ari umwicanyi. Igihe yamenaga amaraso y'Umwana w'Imana yahise atakaza icyizere cy'ab'ijuru. Guhera ubwo umurimo we wari ugiye gucishwa bugufi. Uko yagombaga kwitwara kose, ntiyashoboraga kongera kwemererwa gukurikira abamaraika batatumye mu bikari byo mu ijuru no kujya kubaregaho abana b'Imana ko bambaye imyambaro yahindaniye n'ibyaha. Umurunga wa nyuma wahuzaga satani n'ab'ijuru wari uciye burundu.

Nyamara, satani ntiyahise arimburwa icyo gihe. Kugeza n'ubwo abamaraika ntibari bakiyumvisha icyari cyataye intambara ikomeye. Icyari gikwirirye ni uko gahunda yose yagombaga gushyirwa ahagaragara. Kubw'inyungu z'umuntu, satani yagombaga kumara igihe kugira ngo urujije ruri hagati y'umutware w'umucyo n'umutware w'umwijima rubashe gusobanuka. Ubwo nibwo umuntu wese yagombaga kuyoboka uwo yari kuba yihitiyemo.

Igihe intambara ikomeye yashegaga, satani yari yavuze ko amategako y'Imana adashobora kubahirizwa, ko ubutabera budashobora kugendana n'imbabazi, kandi ko igihe amategako yishwe, nta mbabazi ku munyabyaha. Satani yemeza ko icyaha cyose gikwiranye n'igihano cyacyo; ko Imana yagirira ubuntu

umunyabyaha, itaba ari Imana y'ukuri no gukiranuka. Satani anezewa no kubona abantu bica amategeko y'Imana n'amateka yayo. Satani arivugira ati : byaragaragaye ko amategeko adashobora gukurikizwa; nta mbabazi ku kiremwamuntu. Amaze gucibwa mu ijuru kubwo kwigomeka kwe, yatekerezaga ko ikiremwamuntu kitagomba kongera kugira amahirwe yo gusabana n'Imana. Yaribwiraga ati : Imana ntiyaba ikiranuka kandi ngo igaragare nk'inyampuhwe imbere y'uwacumuye.

Ariko, n'ubwo umuntu yacumuye, yari atandukanye rwose na satani. Mu ijuru satani yacumuriye mu mucyo w'agatangaza w'icyubahiro cy'Imana. Urukundo rw'Imana rwamwigaragariye kurusha ibindi biremwa byose. Satani niwe wahisemo kugendera mu bushake bwe bwo kwibona no kwigenga. Amaze kwiyeze atyo ntacyo Imana yendaga kongera gukora ngo imukize. Ku rundi ruhande, umuntu we yarashutswe, ubwenge bwe bwijimishwa n'amayeri ya satani. Ntabwo yari azi uburebure bw'igihagararo n'ubujoyakuzimu bw'urukundo rw'Imana. Hari hakiriho kumumenyesha urwo rukundo. Hari ibyiringiro ko umuntu nasobanukirwa n'imico y'Imana azayiyegurira.

Binyujijwe muri Yesu, ubuntu bw'Imana bwagaragarijwe abantu; ariko ubuntu ntibukuraho ubutabera. Amategeko abereyeho kugira ngo amenyekanishe imico y'Imana; nta n'akadomo cyangwa akanyuguti kamwe ko kuri ayo mategeko gakwiriye guhinduka kugira ngo kugwa k'umuntu kubabarirwe. Aho guhindura amategeko yayo, Imana ubwayo yitanzeho igitambo, mu mubiri wa Kristo, kugira ngo umuntu acungurwe. « Kuko muri Kristo, arimo Imana yiyungiyeye n'abari mu isi⁶»

Amategeko asaba gukiranuka, ubuzima bukiranuka, imico iboneye : ariko umuntu ntabasha kugendera mu kwera kw'amategeko y'Imana. Ariko Yesu waje mu isi yigize umuntu, abaho ari uwera kandi afite imico iboneye. Ibyo byose abihera ubuntu uwo ari we wese ushaka kubyakira. Ubugingo bwe buhinduka ubw'abantu. Muri ubwo buryo, bakababarirwa ibyaha bakoze kera, mu gihe cyo kwihangana kw'Imana. Byongeye kandi, Kristo aha abantu imico y'Imana. Ahindura imico y'abantu igasa n'iy'ab'ijuru: ni umukozi w'igitangaza ufite imbaraga n'ubwiza bw'iby'umwuka. Uko niko rero ubutabera busabwa n'amategeko bushobora kugerwaho n'umuntu wizera Kristo. Imana « yabikoreye kugira ngo muri iki gihe yerekane gukiranuka kwayo, ngo ibe ikiranuka kandi itsindishiriza uwizeye Yesu.⁷»

Urukundo rw’Imana rukubiye mu butabera bwayo no mu mbabazi zayo. Gukiranuka ni rwo rufatiro rw’intebe yayo n’imbuto y’urukundo rwayo. Satani yagambiriye gutandukanya imbabazi ku ruhande rumwe, ukuri n’ubutabera ku rundi ruhande. Yagerageje kwerekana ko ubutabera bw’amategeko y’Imana ari umwanzi w’amahoro. Kristo we yerekana ko ibyo byose, muri gahunda y’Imana bidashobora gutandukana, kandi ko kimwe kidashobora kubaho ikindi kitariho :
« Imbabazi n’umurava birahuye, gukiranuka n’amahoro birahoberanye.⁸»

Kristo yerekanye kubw’ubugingo bwe n’urupfu rwe, ko gukiranuka kw’Imana kutirukana imbabazi ze, ko ahubwo icyaha gishobora kubabarirwa kandi ko amategeko atunganye abasha kubahirizwa mu buryo buboneye. Bityo ibirego bya satani bikaba byigijweyo. Imana yahaye umuntu ingero zidafititse z’urukundo rwayo.

Irindi kosa noneho ryari rigiye gukwirakwizwa. Satani yemezaga ko imbabazi zakuyeho ubutabera. Kandi ko urupfu rwa Kristo rwari rufite umugambi wo gukuraho amategeko y’Imana. Ariko iyo amategeko ahinduka cyangwa agakurwaho, urupfu rwa Kristo ntirwari kuba ngombwa. Gukuraho amategeko, byari ukuyica no kurekera isi mu maboko ya satani. Yesu yamanitswe ku musaraba, kuko amategeko adahinduka kandi ko umuntu atakizwa no kumvira ayo mategeko. Satani agerageza kwerekana ko amategeko yakuweho binyuze mu buryo Yesu yakoresheje ayashimangira. Aho niho hazabera urugamba ruheruka hagati ya Kristo na satani.

Amategeko Imana yivugiye n’akanwa kayo ntiyuzuye, yarahinduwe muri bimwe mu bice byayo; uko niko na n’uyu muni satani avuga. Ngicyo ikinyoma gikomeye satani arimo akwiza ku isi yose. Si ngombwa ko yibasira amategeko yose, nabasha gutera abantu kwica rimwe mu mategeko, umugambi we uzaba ugezweho : « kuko umuntu wese witondera amategeko yose, agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose.⁹» Igihe abantu bemera kugira itegeko bica baba bishyize mu maboko ya satani.

Igihe itegeko ry’Imana risimbujwe itegeko ry’umuntu, satani agerageza gufata ubuyobozi bw’isi. Uwo murimo uvugwa mu buhanuzi. Dore ibivugwa kuri ubwo bubasha bukomeye bwigometse buhagarariye satani ku isi ngo: «Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumba byose. Kandi azarenganya abera b’Isumba byose. Azigira inama yo guhindura ibihe n’amategeko kandi bizarekerwa mu maboko ye. Kandi abera bazahanwa mu bubasha bwe.^{10»}

Abantu ntibazabura kwamamaza amategeko ngo baburizemo amategeko y’Imana. Bazagerageza kuyobereza intekerezo z’abantu mu myizerere yabo, kugira ngo ayo mategeko yubahirizwe, bazakuraho bagenzi babo.

Intambara yo kurwanya amategeko y’Imana yatangiriye mu ijuru, izakomeza kugeza ku mperuka y’ibihe. Umuntu wese agomba kunyuzwa mu ruganda. Kumvira cyangwa kutumvira: aho ni ho isi yose ihagaze. Abantu bose bazaba bagomba guhitamo hagati y’amategeko y’Imana n’amategeko y’abantu. icyo nicyo kizashyiraho umurongo ngenderwaho. Hazabaho abantu b’uburyo bubiri gusa. Umuco wose uzaba ugomba kugaragara mu buryo bumwe cyangwa ubundi; kandi abantu bazaba bagomba kwerekana niba bari ku ruhande rw’abera cyangwa rw’abakiranirwa.

Ubwo nibwo imperuka izaherako ize. Imana izahorera amategeko yayo maze irokore ubwoko bwayo. Satani n’abamuyobotse bese bazakurwaho. icyaha n’abanyabyaha bizakurwaho nta muzi nta n’ishami¹¹, Satani ni we muzi abawuyobotse ni amashami. Ubwo nibwo ibyabwiwe satani bizasohora ngo : «Kuko wagereraniye umutima wawe n’umutima w’Imana... nkagukura ku musozi w’Imana, narakurimbuye wa mukerubi utwikira we, ngukura hagati y’amabuye yaka umuriro! ...wahindutse igishishana kandi ntuzongerera kubaho ukundi!» «Hazabaho igihe gito umunyabyaha ntabeho; ni koko uzitegereza ahe, umubure.» «Kandi bazamera nk’abatigeze kubaho.^{12»}

Ibi ntibizaba ko Imana ica urwa kibera. Abanga ubuntu bwayo bazasarura icyo bazaba barabibye. Imana ni yo Soko y’ubugingo, umuntu niyihitiramo gukora ibyaha, aba yitandukanije n’Imana maze akaba yivukije ubugingo. Ahinduka «umunyamahanga ku bugingo bw’Imana.» Kristo yaravuze ati : “Abanyanga bese baba bakunze urupfu.^{13»} Imana yongerera abantu igihe cyo kubaho kugira ngo bagaragaze imico yabo kandi ngo bemeze n’amahame bakwiriye kugenderamo. Iyo

iyi ntego igezweho, abantu basarura ingaruka z'ibyo bahisemo. Satani n'abamuyobotse bose, nyuma yo kwigomeka, bemeranywa n'Imana ko, ubwiza bw'Imana bubabera nk'umuriro ukongora. Bazarimburwa n'icyubahiro cya Rukundo.

Abamaraika ntibari bagasobanukirwa n'ibyo igihe intambara yatangiraga. Iyo satani n'ingabo ze bahita bahabwa ingaruka z'ibyaha byabo, baba bararimbutse; ibiremwa byo mu ijuru ntibibashe kubibonamo ingaruka nyakuri y'icyaha. Gushidikanya ku byerekeye umurava w'Imana kwari gusigara nk'imbuta mbi yabibwe mu ntekerezo zabo, maze bikabyara imbuto zipfuye z'icyaha n'ibyago.

Uko siko bizongera kugenda ubwo intambara izaba igeze ku musozo. Gahunda yo gucungurwa ubwo izaba imaze gushyirwa ahagaragara, imico y'Imana izaboneka mu maso yose y'ibifite ubwenge byose byaremwe. Bizagaragara ko amategeko y'Imana ari ayera kandi ko adahinduka. Icyaha kizaba cyaragaragaje imiterere yacyo na satani yaragaragaje imico ye. Gutsembwa kw'icyaha kuzagaragaza urukundo rw'Imana, no kongera kurutera mu byaremwe bifite amategeko yayo mu mitima yabyo, bizabonera umunezero wabyo mu gukora ibyo Imana ishaka.

Abamarayika rero bari bafite impamvu yo kunezerwa ubwo babonaga Yesu ari ku musaraba, kuko n'ubwo byose batabisobanukiwe, bari bazi ko kurimbuka kw'icyaha na nyiracyo bihamijwe burundu, ko gucungurwa k'umuntu ari igikorwa gisohoye, kandi ko ibyaremwe byose bigiye mu bwihisho bwo gutungurwa kw'iteka ryose. Yesu rero yari asobanukiwe n'ingaruka z'igitambo cye cy'i Kaluvari. Ibyo byose yarabirebaga igihe yari ku musaraba aravuga ati : «Birangiye!»


1. Yohana 19:30.
2. Ezeieli 28:12.
3. Matayo 26:39.
4. Luka 23:34.
5. Ibyahishuwe 12:10.
6. 2 Abakorinto 5:19.
7. Abaroma 3:26.
8. Zaburi 85:11. 9. Yakobo 2:10.

Yesu Kristo

10. Danieli 7:25.
11. Malaki 4:1.
12. Ezeieli 28:6-19; Zaburi 37:10; Obadiya 16.
13. Abefeso 4:18; Imigani 8:36.

***** ****

80. MU MVA YA YOSEFU



Yesu yari amaze kwinjira mu buruhukiro bwe. Uwo munsu muremure wo

gukozwa isoni no kubabazwa wari umaze kurangira. Ubwo imicyo iheruka y'izuba rirenga yavugaga ko isabato itangiye, Umwana w'Imana yari yiryamiye mu mutuzo mu mva ya Yosefu. Umurimo we yari awurangije, abumba ibiganza nk'ikimenyetso cy'amahoro, aruhuka mu masaha yera y'isabato.

Mbere na mbere bamaze kurangiza umurimo wabo wo kurema, Data wa twese n'Umwana baruhutse ku munsu w'isabato. «Igihe ijuru n'isi n'ibiyirimo byose birangiye kuremwa,¹» Umuremyi anezeranwa n'ibiremwa byose byo mu ijuru byarebaga icyo gikorwa cy'agatangaza, «igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbanaga, abana b'Imana bose bakarangurura amajwi y'ibyishimo.²» Icyo gihe noneho Yesu yari yiruhukiye amaze kurangiza umurimo wo gucungura umuntu, kandi nubwo habaye umubabaro mu bo yakundaga hano ku isi, mu ijuru ho hari umunezero. Ibyiringiro birabagirana by'ahazaza byagaragaraga mu maso h'ibiremwa byo mu ijuru. Ibyaremwe byari byakomorewe, mwene muntu abonye inshungu, atagishobora kugwa nyuma yo kunesha icyaha; uko niko abamaraika n'Imana Data babonaga ingaruka y'umurimo Kristo yari amaze gukora. Iyo pica izahoraho iteka ifatanye n'umunsu Yesu yaruhutseho... kuko « Umurimo we utunganye rwose;» kandi icyo « Imana ikora cyose kizahoraho iteka ryose.³»

Kugeza igihe «ibintu byose bizongera gutunganirizwa nk'uko Imana yabivugiyemo mu kanwa k'abahanuzi bayo bera bese uherye kera kose,⁴» isabato yo mu irema, umunsu Yesu yaruhukiye mu mva ya Yosefu, izakomeza kuba umunsu w'ikiruhuko n'uw'ibyishimo. Ijuru n'isi bizafataniriza hamwe kuririmba indirimbo z'ishimwe, ubwo «Guhera ku Isabato ukageza ku yindi⁵» abantu bese bacunguwe bazajya baza gusenga no kwikubita imbere y'Imana n'Umwana wayo bahimbaza mu munezero.

Ibimenyetso biheruka by'umunsi wo kubambwa byazanye ibihamya byo gusohora k'ubuhanuzi maze bitanga ubuhamya bushya ku bumana bwa Kristo. Mu gihe umwijima wari umaze kweyuka ku musaraba, Yesu amaze kumvikanisha ijwi rirenga mu ipfa rye uwo mwanya humvikana irindi jwi rigira riti: «Ni ukuri uyu muntu yari Umwana w'Imana..»

Aya magambo yavuganywe ijwi riranguruye cyane. Abantu bahindukizwa no kureba aho riturutse. Ninde wari uvuze? Yari umusirikari mukuru w'Umuroma utwara umutwe w'abasirikari. Kwihangana kwa kimana k'Umucunguzi, urupfu rwe rutunguranye rwabanjirijwe n'ijwi ryo kunesha byakabakabye uyu mupagane. Muri uyu murambo umanitswe kandi washenjaguwe uri kumusaraba, umusirikari mukuru w'umuroma yawubonyemo Umwana w'Imana. Ntibyamushobokeye kwibuza guhamya kwizera kwe. Bityo bongera kubona ko Umucunguzi azahabwa kongera kwitegereza ibyavuye mu bise bye. Na none kuri uwo munsi w'urupfu rwe, abagabo batatu badahuje, bahamije kwizera kwabo: umwe ni uwatwaraga umutwe w'abasirikari b'Abaroma, undi ni uwikoreye umusaraba w'Umukiza, n'uwari upfiriye ku musaraba iruhande rwa Yesu.

Ubwo umugoroba wari wegereje, umutuzo wo mu ijuru wagose i Kaluvari. Inteko y'abantu yari yamaze gutatana, kandi benshi bari basubiye i Yerusalemu bafite ibitekerezo binyuranye n'ibyo bari bafite mu gitondo. Benshi bari baje kureba ibambwa kandi bakuruwe n'amatsiko, atari urwango bari bafitiye Kristo, abo na bo bemeye ibirego by'abatambyi maze bafata Kristo ko ari umugome. Bifatanya na rubanda rwakwenaga kubwo gukoreshwa n'imbaraga idasanzwe; ariko ubwo babonaga umwijima ugose isi ari mwinshi, imitimanama yabo irabarega maze biyumvamo ko bakoze icyaha gikomeye cyane. Ntihongera kumvikana kunnyega cyangwa ibitwenge by'abakobaga muri uwo mwijima uteye ubwoba; ubwo wari umaze gutamuruka, batashye bacecetse cyane, kandi bamaze kwemezwa ko ibirego by'abatambyi ari ibinyoma gusa. Mu maso yabo ntabwo Yesu yari akiri umubeshyi; mu byumweru byakurikiye umunsi wa Pantekote, ubwo Petero yateruraga amagambo yigisha, abo babonetse muri bya bihumbi byagarukiye Kristo maze barihana.

Ntabwo imitima y'abo bakuru b'ishyanga yahindutse, nubwo babaye abahamya b'ibyo babonye ubwabo, bakomeje kugirira Yesu urwango bari

bamufitiye na mbere hose. Umwijima wagose isi ubwo yabambwaga ntabwo wari mwinshi kuruta uwakomeje kugota imitima y'abatambyi n'abakuru. Inyenyeri yamenye Kristo mu ivuka rye maze iyobora abanyabwenge ku kirugu. Ingabo zo mu ijuru zaramumenye maze ziririmba ishimwe hejuru y'ibibaya by'i Betelehemu. Inyanja yamenye ijwi rye, maze yumvira itegeko rye. Indwara n'urupfu byamenye ubutware bwe maze bigarura abo byari byafashe mpiri. Izuba ryaramumenye maze rihisha umucyo waryo ngo ritareba umubabaro wo gupfa kwe. Ibitare byaramumenye maze biraturagurika ubwo byumvaga gutaka kwe. Ibidafite ubugingo byamenye Kristo maze bihamya ubumana bwe. Ariko abatambyi n'abakuru ba Isiraeli bo ntibamenya Umwana w'Imana. Nyamara hari icyabateraga imbogamizi. Bari bashoboye kwicisha Kristo nyamara ntibiyumvagamo gutsinda bari bategereje. Mu gihe biyumvishaga ko batsinze, bahangayikishijwe no gushidikanya bibaza ibigiye gukurikira. Bari bumvise ijwi rirenga ngo : "Birarangiye." "Data mu maboko yawe ni ho nshyize ubugingo bwanjye."⁶ Bakomeje kugira ubwoba bamaze kubona isi yisimbiza n'ibitare byamenaguritse. Ubwo Kristo yari akiri muzima bagiriraga ishyari imbaraga akoresha muri rubanda kandi bakomeje kurigira na nyuma yo gupfa kwe. Kristo amaze gutanga nibwo bamutinye cyane kuruta akiri muzima. Batinyaga ko rubanda bakwita ku byabaye byaherekeje kubambwa kwe, maze bikabakebura bagasobanukirwa igikorwa cy'uwo munsu. Ntibari kwifuza ko umurambo wa Kristo uguma ku musaraba kuko bari kuba bayiziruye. Bitwaje ibyo, abakuru b'abayuda basaba Pilato ko yihutisha urupfu rw'abo bantu no kumanura iyo mirambo mbere y'uko izuba rirenga.

Pilato yemeye icyifuzo cyabo, arabemerera bavuna amaguru y'ibisambo bibiri kugira ngo bihutishe urupfu rwabo; ariko bageze kuri Yesu basanga yamaze gutanga. Abo basirikari b'intavumera batewe impuhwe n'ibyo bumvise kandi biboneye kuri Kristo, banga kuvuna amaguru ye. Bityo itegeko rya Pasika riba rirubahirijwe mu gitambo cy'umwana w'intama w'Imana, nk'uko byari byaranditswe ngo : "He kugira inyama zawo baraza ngo zigeze mu gitondo, kandi be kugira igufwa bamenya, uko itegeko rya Pasika ryose riri aho ari ko muyiziririza."⁷

Abatambyi n'abakuru batangazwa n'uko Kristo yari yamaze gutanga. Ubusanzwe urupfu rw'ababambwa rwaratindaga kandi byari biruhije kumenya igihe umuntu apfira. Cyari ikintu kitumvikana kubona urupfu nk'urwo, hashize

amasaha atandatu gusa nyuma yo kubambwa. Abatambyi bashaka kumenya impamo y'urwo rupfu: basaba umusirikari gutera icumu mu rubavu rw'Umukiza. Imivu ibiri ihurura kandi itandukanye, umwe w'amaraso undi w'amazi isohoka muri icyo gikomere. Ibyo bintu bibonwa n'abari aho bareba, Yohana we yabyanditse mu buryo busobanutse neza. Yaranditse ati : “Ariko umwe muri bo acumita icumu mu rubavu, uwo mwanya havamo amaraso n'amazi. Uwabibonye ni we ubihamije kandi ibyo ahamya ni iby'ukuri kandi azi ko avuga ukuri ngo namwe mwizere kuko ibyo byabereyeho kugira ngo Ibyanditswe bisohore ngo : “Nta gufwa rye rizavunika,” byongeye kandi Ibyanditswe biravuga ngo: “Bazabona uwo bacumise.”⁸”

Nyuma yo kuzuka abatambyi n'abakuru bagenda bakwiza inkuru ko Kristo atari yapfuye ku musaraba, ko yari yarabiranye gusa, hanyuma akaza kuzanzamuka. Abandi bakavuga ko batahambye umurambo nyamurambo ufite umubiri n'amagufwa, ko ahubwo bahambye ishusho yawo. Kubera icyo kinyoma, abasirikari b'abaroma bahinyuje ibinyoma by'izo raporo. Ntabwo bamuvunye amaguru, kuko yari yamaze gupfa. Kugira ngo bashimishe abatambyi bamutoboye urubavu. Iyo aza kuba akiri muzima, urwo ruguma rwazaga gutuma apfa ako kanya.

Nyamara urupfu rwa Yesu ntabwo rwatewe n'icumu yatewe cyangwa imibabaro yihanganiye ku musaraba. Ijwi rirenga⁹ ryumvikanye ubwo yari apfuye, umuvu w'amaraso n'amazi byavuye mu rubavu rwe byahamije ko urupfu rwe rwatewe n'uko umutima we waturitse. Umutima we wasandajwe n'intimba yo mu ntekerezo. Yishwe n'icyaha cy'abatuye isi.

Ubwo Kristo yari amaze gupfa, ibyiringiro by'abigishwa be byarayoyotse. Bitegereje amaso ye ahumiriye, umutwe we ucuramye imisatsi yafatanijwe n'amaraso, ibiganza n'ibirenge bye byatobowe maze bafatwa n'agahinda katavugwa. Kugeza ku isaha iheruka, bari batarizera ko aza gupfa; bashoboraga kwemera ko yapfuye bibagoye. Barembejwe n'umubabaro ntibaba bacyibuka amagambo yari yarabahanuriye ababwira iby'urupfu rwe. Nta na kimwe mu byo yari yarababwiye cyashoboraga kubahumuriza muri uwo mwanya. Babonaga ikintu kimwe gusa: umusaraba n'umurambo uwumanitseho kandi uvirirana amaraso. Ahazaza kuri bo hari hijimye nta byiringiro. Kwizera kwabo muri Kristo kwari kwayoyotse; nyamara ntibari barigeze bakunda Umukiza nk'ubu. Ntabari barigeze

basobanukirwa n’agaciro ke nk’ubwo, ndetse ngo bumve uburyo kubana na we byari ingenzi kuri bo.

Ndetse na nyuma y’urupfu rwe, intumwa zakomeje kugirira umurambo we icyubahiro ndetse bifuzaga no kuwuhamba mu cyubahiro, ariko ntabwo bari bazi uko babikora. Yesu yari yaciriwe urwo gupfa bamuziza ko ngo yigometse ku ngoma y’abaroma, abishwe muri ubwo buryo bagombaga guhambwa ahantu habigenewe. Yohana yatinze hafi y’umusaraba ari kumwe n’abagore baturutse i Galilaya. Ntabwo bifuzaga ko umurambo w’Umwami urekerwa mu maboko y’abasirikari b’intumva maze ngo uze kujugunyanwa agasuzuguro mu cyobo rusange. Ariko ntibashoboraga kubibuzza. Ntabwo bari gukundirwa n’abayobozi b’abayuda kandi nta nubwo bari bazwi kwa Pilato.

Bakiri muri ako kayubi, Yosefu wo mu Aritamaya na Nikodemu baza gutabara abigishwa. Bombi bari abakungu kandi b’abanyambaraga, abajyanama mu nama nkuru y’abayuda bakagirana ubumwe na Pilato, bari biteguye gushyingura umurambo wa Yesu mu cyubahiro.

Yosefu aratinyuka asanga umutware w’Abaroma amusaba uburenganzira bwo gufata umurambo wa Yesu. Pilato ubwo nibwo yamenye bwa mbere ko Yesu yapfuye. Inkuru zivuguruzanya zirebana n’ibyari byakurikiye ibambwa zari zamugezeho, ariko bari bamuhishe urupfu rwa Kristo babigambiriye. Abatambyi n’abakuru bari babwiye Pilato ko intumwa za Kristo zishobora kwiba umurambo we ngo zizinze urupfu rwe. Amaze kumva ibyo Yosefu yamusabye, Pilato ahamagaza umutware w’abasirikari wari woherejwe ku musaraba, nuko amubwira iby’amashira kinyoma ko Yesu yamaze gupfa rwose. Nuko Pilato yiyumvira ubuhamya bw’ibyabereye i Karuvali bwo mu kanwa k’uwo musirikari nk’uko Yosefu yari yabihamije.

Yosefu ahabwa icyo yasabye. Igihe Yohana yari agitewe impungenge n’imihambire ya Shebuja, Yosefu wari wahawe uburenganzira na Pilato aza gushaka umurambo wa Kristo, kandi na Nikodemu na we azana amavuta y’igicro cyinshi y’amavuta avanze ya Narada n’igikakarubamba bipima italanto ijana ngo basige umurambo. Abantu bakomeye b’i Yerusalemu ntabwo bigeze bahabwa

icyubahiro mu ihambwa ryabo kingana gityo. Abigishwa batangazwa no kubona abo bantu b'abakire b'ibikomerezwa bitaye ku guhambwa k'Umwami wabo kuruta uko babyitayeho.

Yaba Yosefu cyangwa Nikodemu ntabwo bari baremeye Yesu ku mugaragaro igihe yari akiri muzima. Bari bazi ko kumwemera byabirukanisha mu nama nkuru y'abayuda, kandi biringiraga ko bashobora kumurinda kubera imbaraga bagiraga mu manama yabo. Basaga n'abari bagiye kubishobora mu gihe kimwe; abatambyi b'indyarya bamaze kumenya ko abo bagabo bakundaga Kristo bafata icyemezo cyo kuburizamo iyo migambi yabo. Mu gihe batari bahari nibwo Yesu yaciriwe urubanza rwo gupfa, maze arabambwa. Noneho amaze gupfa nta mpamvu nimwe yatumaga batinya kugaragaza ko bamukundaga; mu gihe intumwa zatinyaga kwigaragaza, Yosefu na Nikodemu baza kubafasha ku mugaragaro. Ubufasha bw'abo bagabo b'abakungu kandi bubashywe, muri icyo gihe bwari bukenewe. Bashoboraga gukorera Umukiza nyuma y'urupfu rwe, ibyo abigishwa b'abakene batashoboraga gukora, ubutunzi bwabo n'imbaraga bari bafite byabarindaga mu buryo bwose, uburyarya bw'abatambyi n'abakuru.

N'amaboko yabo bwite bafata umurambo wa Yesu babyitondeye kandi mu cyubahiro cyinshi maze bawumanura ku musaraba. Amarira yabo y'impuhwe yagwaga yiyungikanya mu gihe barebaga uwo murambo washenjaguritse, ufite ibikomere. Yosefu yari yaricukuriye imva nshyashya mu rutare, hafi y'i Karuvali. Noneho ayitegurira Yesu. Umurambo w'umucunguzi bawupfunyika mu ishuka y'umweru bitonze, hamwe n'ibihumura neza byazanywe na Nikodemu, barawujyana bawugeza ku mva. Aho ngaho abigishwa batatu begeranya ingingo zashwanyaguritse maze ibiganza bya Yesu babirambika mu gituza cye nta kunyeganyega. Abagore bavuye i Galilaya baza kwitegereza neza ko murambo w'Umwami wabo bakunda wakorewe ibikwiriye byose. Nyuma bitegereza uburyo ikibuye kinini gishyizwe ku muryango w'imva, nuko Umukiza aryama mu mva, yiruhukiye. Nk'uko bari basigaye inyuma hafi y'umusaraba, abo bagore bakomeje kuguma hafi y'imva ya Kristo. Ubwire burinda buza Mariya Magadalina na ba Mariya bandi barira amarira menshi, bibaza uko bigendekeye uwo bakundaga.

Hanyuma barataha, batunganya ibihumura neza n'imibavu, “kandi ku muni w'isabato bararuhuka nk'uko byategetswe.”¹⁰

Iyo Sabato ntabwo yagombaga kwibagirana haba ku bigishwa be bari bababaye cyangwa ku batambyi abakuru n’abanditsi ndetse na rubanda. Izuba rirenze nimugoroba ku munsu wo kwitegura isabato, impanda ziravuzwa zimenyesha gutangira isabato. Pasika yubahirizwa nk’uko bari basanzwe babigenza mu binyejana byashize, mu gihe uwo yasuraga yari amaze kwicwa n’abagome, ariamishijwe mu mva ya Yosefu. Ku munsu w’isabato abaje gusenga bari buzuye ibikari by’urusengero. Umutambyi mukuru wari wagiye i Gologota yari aho mu rusengero, yambaye imyenda ye myiza cyane y’ubutambyi. Imitwe y’abatambyi yari ifurebye n’ibitambaro byiza byera, bakora imirimo yabo uko bisanzwe, bafite umwete mwinshi. Ariko bamwe mu bari bari aho bumvaga badatuje, ubwo amaraso y’ihene n’ay’amapfizi yatambirwaga ibyaha. Bari batarasobanukirwa ko iby’ukuri byamaze gusimbura ibishushanyo, ko igitambo gihebuje byose cyari kimaze gutambirwa ibyaha by’abari mu isi yose. Ntibari bakamenya ko umurimo w’umuhango wari umaze guta agaciro kawo. Nyamara ntabwo bari barigeze bakurikirana umurimo bafite ibitekerezo bihabanye bityo. Ijwi ry’impanda n’ibindi byuma by’amajwi ndetse n’abaririmbyi byari bihanitse ku buryo budasanzwe. Ariko igitekerezo kidasanzwe cyagaragaraga ku bintu byose.

Buri muntu yashakaga kumenya ibintu bidasanzwe byari byabaye. Kugeza icyo gihe ahera cyane, hahoraga hahishwe hatarebwa n’amaso ya bose; ariko ubu buwo amaso yose yaraharebaga ubwo umwenda w’igitare uhakingirije, uboneye uyagijweho izahabu nziza n’umuhemba n’umuhengeri watabutsemo kabiri uhereye hejuru ukageza hasi.

Ahera Imana yajyaga ihurira n’umutambyi mukuru kugira ngo ibahishurire ubwiza bwayo, ahantu hera Imana yajyaga ivuganiramo n’abantu, noneho buri jisho ryaraharebaga hameze nk’ahantu Imana itacyitayeho. Abatambyi bari bafite ubwoba bwinshi bw’ibishobora gukurikira, bakoreraga imirimo yabo imbere y’igicaniro. Kuba Ahera cyane haragaragaraga kimwe n’ibintu byera byahabaga byabateye ubwoba bibwira ko ishyano ryabagwira.

Abantu benshi bari buzuyemo ibitekerezo by’ibintu byari byabereye i Kaluvari. Mu gihe cyagombaga guca hagati y’urupfu rwe no kuzuka kwe, amaso menshi ntiyigeze agoheka, bacukumbuye mu buhanuzi ubutaruhuka. Bihatiraga gushaka

ubusobanuro bw'umunsi mukuru bizihizaga icyo gihe, kubona ibihamya bigaragaza ko Yesu atari uwo yiyitaga cyangwa se ibibahamiriza ko ari we Mesiya. Nubwo ubushakashatsi bwakozwe ku buryo bunyuranye, bose bageze ku cyiyumviro kimwe: ubuhanuzi bwari bumaze gusohorera mu byari bimaze kuba bwasanze ko Uwabambwe ari Umucunguzi w'abatuye isi yose. Abenshi mu bari baje muri icyo mihango ya Pasika, ntibari kongera kujya kuyizihiza. Umugabane munini w'abatambyi wari waramenye kamere nyakuri ya Yesu. Ntabwo bigiraga ubuhanuzi ubusa: amaze kuzuka, bamubonyemo Umwana w'Imana.

Ubwo Nikodemu yabonaga Yesu amanitswe ku musaraba, yibutse amagambo yari yamubwiye nijoro ari ku musozi wa Elayono ngo : “Nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko n’Umwana w’umuntu akwiriye kumanikwa ngo umwizera wese abone ubugingo buhoraho.”¹¹ Mu isabato Kristo yaruhukiye mu mva, Nikodemu yabonye umwanya wo gutekereza. Umucyo w’ukuri umurikira umutima we, maze amagambo Yesu yamubwiye ntiyongera kumubera ubwiru. Asobanukirwa ko yahombye byinshi mu kutifatanya na Yesu igihe yari akiri muzima. Yibuka ibyabereye i Karuvali. Isengesho rya Yesu asabira abishi be, n’igisubizo cyo gusaba k’umugome bari babambanywe, ibyo byaniganiraga mu mutima w’uyu mujyanama w’umuhanga. Mu bwenge bwe yongera kubona Umucunguzi mu mibabaro ye, yongera kumva rya jwi riheruka rivuga ngo: “Birangiye,” ryarangiraga nk’iry’umuneshi. Yongera kubona isi yisimbagiza, ijuru ryijimye, umwenda ukingiriza ahera cyane utabuka n’ibitare bimenagurika, maze kwizera kwe gutsinda by’iteka ryose. Ibyari byabaye byari byatsembye ibyiringiro by’intumwa ni byo byahamirije Nikodemu na Yosefu ubumana bwa Yesu. Ubwoba busimburwa n’ubutwari bwuzuye kwizera kutanyeganyega.

Yesu ntabwo yari yarigeze akurura abantu benshi nk’igihe yari mu gituro. Abantu bakomeje kuzana abarwayi n’imbabare mu bikari by’urusengero, maze bakabaza bati : “Ninde washobora kutubwira aho Yesu w’i Nazareti ari?”. Babaga baturutse kure baje kureba uwakijije abarwayi ndetse akazura n’abapfuye. Hirya no hino wumvaga bagira bati : “Turashaka kureba Kristo umuvuzi”. Kuri uwo munsi abantu babaga bafite ibimenyetso by’ibibembe basuzumwaga n’abatambyi. Abenshi bagiraga umubabaro bamaze kubwirwa ko ari ababembe, byaba bibwiwe abagabo babo, abagore babo se cyangwa abana babo. Abo banyabyago bagombaga kuva mu ngo zabo, ntibongere kwitabwaho n’inshuti zabo, bagombaga kandi kujya bigizayo abantu bagira ati : “Ndanduye! Ndanduye!” Ibiganza bigira neza bya Yesu

w'i Nazareti byakoranaga umwete, bitigeze byanga gukora ku mubembe winubwaga ngo bimukize, icyo gihe byari bibumbiye mu gituza cye. Iminwa yavugaga amagambo yo guhumuriza isubiza gusaba k'umubembe agira ati : “Ndabishaka kira,¹²” noneho yari ituje. Benshi bahamagaraga abatambyi bakuru n'abatware ngo noneho bahumurizwe, ariko bikaba iby'ubusa. Bageza aho bavuga yuko bamaze gufata icyemezo ko Kristo yakongera kubagarurwamo ari muzima. Basabanaga umwete bashimikiriye kandi bakanga ko babasezerera; babirukana mu bikari by'urusengero maze abasirikari bashyirwa ku muryango ngo bakumire rubanda rukomeza kwisukiranya ruzana abarwayi b'indembe. Ibyiringiro by'izo mbabare zije gushaka gukizwa n'Umukiza bizimirira mu gahinda no gushoberwa. Amayira yari yuzuyemo amaganya. Abarwayi barapfaga kuko babuze Yesu ngo abakoreho. Basuzumwaga n'abaganga, ariko bikaba iby'ubusa; muri bose nta n'umwe wari ufite ubushobozi nk'ubw'Uwari uri mu gituro.

Bumvise imiborogo y'abantu benshi bababaye, abantu ibihumbi byinshi basobanukirwa ko umucyo ukomeye wamaze kuva mu isi. Isi idafite Yesu, yari umwijima w'icuraburindi. Abenshi mu bari bashakuye bavuga ngo : “Mubambe! Mubambe!” noneho bibonera ishyano ryari ribagwiriye; kandi iyaba Kristo yari akiri muzima, baba bareteye hejuru bagira bati : “Nimutureka Yesu!”

Ubwo rubanda bari bamaze kumenya ko Yesu yishwe n'abatambyi, babaza iby'urwo rupfu kandi n'ubwo ibanga ryarinze bikomeye, izina rya Kristo ryavugwaga n'iminwa yose, ahantu hose bavugaga ko urubanza rutaciwe mu kuri, abacamanza bagaragaje kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremhamuntu. Abantu b'abanyabwenge basangaga abatambyi n'abakuru ngo babahe ubusobanuro bwo mu Isezerano rya kera ku buhanuzi bwerekeye Mesiya: abo banyamategeko bagerageje guhimba ibisobanuro by'ibinyoma; basaga n'abataye umutwe, kandi batabasha gusobanura ubuhanuzi burebana n'imibabaro n'urupfu rwa Kristo, ku buryo abashakashatsi benshi bemejwe ko Ibyanditswe bimaze gusohora.

Abatambyi bari bibwiye ko bihorera, nyamara ibyo bibwiraga byari bimaze kubashiririra. Babonaga bagiye gusukwaho umujinya na rubanda bari boheje ngo rurwanye Yesu, rwari rwarakozwe n'isoni z'ibyo rwakoze bigayitse. Abo batambyi biruhirije ubusa bemera ko Yesu ari umushukanyi. Bamwe bo muri bo bari abahamya b'izuka rya Lazaro, maze bagaterwa ubwoba n'uko na Yesu ashobora

kuzuka na we mu bapfuye nuko akongera kugaragara imbere yabo. Bari barigeze kumva avuga ko afite ububasha bwo gutanga ubugingo akongera kubusubirana. Bibuka aya magambo ngo : “Nimusenye urusengero, nzarwubaka mu minsi itatu.”¹³ Yuda yari yarabagejejeho amagambo Yesu yari yaravuze ubwo yajyaga i Yerusalemu ubuheruka, ubwo yavugaga ati : “Dore turazamuka tujye i Yerusalemu, Umwana w’umuntu azagambanirwa mu batambyi bakuru n’abanditsi, bamucire urubanza rwo kumwica, bazamugambanira mu bapagane, bamushinyagurire bamukubite imikoba bamubambe, ku munsu wa gatatu azazurwa.”¹⁴ Bari bagize urw’amenyo ayo magambo y’ubuhanuzi, ariko bari bamaze kubona ko ibyinshi mu byo Yesu yahanuye byari byasohoye. Ninde washoboraga kubahamiriza ko atazazuka ku munsu wa gatatu, nk’uko yari yabivuze? Bifuza kwikuramo ibyo bitekerezo birabananira. Bameze nka se satani, barizeraga bagahinda umushyitsi.

Nuko uwo mugaru ucogoye ishusho ya Kristo iza mu ntekerezo zabo. Bongera kumubona imbere y’abanzi be atuje, adataka haba no gukopfora, yihanganira imibabaro n’ibitutsi n’ibibi bamugiriraga; bibuka iby’urubanza rwe rwabaye umwihariko no kubambwa kwe, maze muri bo hiyandikamo igitekerezo cy’uko uwo babambye yari Umwana w’Imana. Biyumvagamo ko ako kanya ashobora guhagarara imbere yabo, uwarezwe akaba urega, uwacirwagaho iteka akaba umucamanza wabo, agasaba ko abari bamwishe na bo bicwa.

Muri iyo sabato ntabwo bigeze baruhuka. Abo bantuatabashaga no kurenga umuryango w’umupagani ngo batandura, bateranya inama ku birebana n’umurambo wa Kristo. Urupfu n’igituro byagombaga kurinda uwo bari babambye. Abatambyi bakuru n’abafarisayo bateranira kwa Pilato baramubwira bati : “Mutware twibutse ko wa mubeshyi akiri muzima yavuze ngo iminsi itatu nishira azazuka. Nuko tegeka barinde igituro cyane bageze ku munsu wa gatatu, kugira ngo abigishwa be bataza kumwiba, bakabwira abantu ngo yazutse. Maze uburyarya bwa nyuma bukaruta ubwa mbere. Pilato arababwira ati : “Ngaba abarinzi nimugende mukirindishe uko mubizi.”¹⁵

Abatambyi batanga amabwiriza yo kurinda igituro. Ikibuye kinini cyari cyashyizwe ku munwa w’igituro. Iryo buye barizengurutse umugozi maze bazirika imitwe yawo yombi ku rutare, nuko bashyiraho ikimenyetso cy’abaroma. Ntabwo byashobokaga guhirika urutare udaciye icyo kimenyetso. Abasirikari ijana bashyirirwaho kurinda imva barayikikiza kugira ngo hatagira ikiyihungabanya.

Abatambyi bakora ibishoboka byose kugira ngo hatagira igihungabanya umurambo wa Kristo aho wari washyizwe. Yari afungiraniwe mu mva nk'aho yagombaga kuhaguma by'iteka ryose.

Uko niko abantu batekereza mu ntege nke zabo kandi bakabishyira mu bikorwa. Abo bicanyi ntabwo basobananukiwe ko ibyo bakoze ari imfabusa. Nyamara muri ubwo buryo bwabo Imana yari igiye guhabwa icyubahiro. Imbaraga zose bakoresheje kugira ngo baburizemo kuzuka kwa Kristo zitanga ibihamya bishimangira ukuri kwe. Uko abasirikari barushagaho kuba benshi ku gituro niko n'ubuhamya bari gutanga bwari kurushaho kugira imbaraga ku birebana n'umuzuko. Umwuka wera yari yaravugiyeye mu kanwa k'umunyezaburi mu myaka amagana yari ishize, mbere y'urupfu rwa Kristo agira ati : «Ni iki gitumye abanyamahanga bagira imidugararo? N'amoko yatekerereje iki iby'ubusa? Abami bo mu isi biteguye kurwana, kandi abatware bagiriye inama Uwitwaga n'uwo yasize... Ihora yicaye mu ijuru izabaseka.¹⁶» Abarinzi b'abaroma kimwe n'intwari zabo ntabwo bari bafite ubushobozi bwo guheza Umwami utanga ubugingo mu gituro. Igihe cyo gucungurwa cyari cyegereye.

1. Itangiriro 2:1.
2. Yobu 38:7.
3. Gutegeka kwa kabiri 32:4; Umubwiriza 3:14.
4. Ibyakozwe n'intumwa 3:21.
5. Yesaya 66:23.
6. Yohana 19:30; Luka 23:46.
7. Kubara 9:12.
8. Yohana 19:34-37.
9. Matayo 27:50; Luka 23:46.
10. Luka 23:56.
11. Yohana 3:14,15.
12. Matayo 8:3.
13. Yohana 2:19.
14. Matayo 20:18,19.
15. Matayo 27:62-65. 16. Zaburi 2:1-4.

*** *** ***

81. UMWAMI YAZUTSE



Ijoro ryo ku wa mbere w'iminsi irindwi¹ ryatinze gucya. Hari mu isaha ya mu gicuku mbere y'uko umuseke utambika. Yesu yari akiri mu mva ye nto, ikimenyetso cy'abaroma cyari kikiri ku gitare, abarinzi b'abaroma bari maso. Aho hari abandi bantu batagaragara bitegereza ikiri bukorwe. Ingabo z'abadaimoni zari zizengurutse aho hantu. Iyo bishoboka umutware w'umwijima afashijwe n'abahakanyi be baba barakoze ibishoboka byose ngo baheze Umwana w'Imana mu gituro cyari gifunze. Ariko ingabo z'abamaraika bo mu ijuru bafite imbaraga kandi bazi kurwana bari bazengurutse igituro biteguye guha ikaze Nyir'ubugingo.

«Maze habaho igishyitsi cyinshi, kuko maraika w'Uwiteka yari amanutse ava mu ijuru.» Uwo mu maraika yari avuye imbere y'ubwiza bw'Imana ashagawe n'ingabo nyinshi z'Uwiteka. Imirasire irabagirana y'ubwiza bw'Imana yari imubanjirije imurikiye inzira ye. «Ubwiza bwe bwari bumeze nk'umurabyo kandi imyenda ye y'igitare yari imeze nk'urubura. Ubwoba butaha abarinzi bamera nk'abapfuye.»

None se ububasha bw'abarinzi banyu burihe, yemwe batambyi namwe bakuru? Abo basirikari b'abanyambaraga batigeze basubizwa inyuma n'indi mbaraga yose y'umuntu, ubu bameze nk'ingaruzwamuheto zafashwe nta nkota cyangwa icumu. Babonye mu maso h'umurwanyari utari umusirikare upfa, ahubwo ikiremwa gifite imbaraga kigaragiye ingabo z'Uwiteka. Iyo ntumwa ni yo iri mu mwanya satani yikuyemo ubwo yagwaga. Uwo ni we wavuze ibyo kuvuka kwa Kristo ku dusozi tw'i Betelehemu. Ubutaka butigiswa no kwegera kwe, abadayimoni barahunga, ijuru rirunama, maraika ahirika igitare nk'uhirika akabuye gato, maze bumva avuga ati : Mwana w'Imana, sohoka, So araguhamagara. Babona Yesu asohoka mu gituro kirangaye maze aravuga ati :

«Ninnye kuzuka n’ubugingo.» Maze agenda yambaye icyubahiro n’ubwiza, n’ingabo z’abamaraika bunamira icyarimwe baramya uwo Mucunguzi bamwakiriza indirimbo zo guhimbaza.

Umutingito w’isi wari wagaragaje igihe Yesu yatangaga ubugingo bwe, uwundi mutingito uboneka uhamya kunesha kwe. Uwari watsinze urupfu n’igituro, asohoka mu mva agenda nk’Umuneshi mu kwihinduriza kw’isi, mu mirabyo myinshi no mu guhinda kw’inkuba. Ubwo azagaruka ku isi, «ntazatigisa isi gusa, ahubwo n’ijuru naryo.²» «Isi iradandabirana nk’umusenzi kandi iranyeganyezwa nk’ingando;» «ijuru rizazingwa nk’umuzingo w’impapuro.» «Iby’ishingiro, ibyo byose biremeshwa bizayengeshwa no gushya cyane, isi n’imirimo iyirimo bizashirira.» «Ariko Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro kandi abere Isiraeli igihome.³»

Igihe Yesu yapfaga abasirikari babonye isi itwikiriwe n’umwijima ku manywa y’ihangu; mu izuka rye babona ijoro rimurikiwe n’ubwiza bw’abamaraika maze bumva abaturage b’ijuru baririmbana ijwi ry’umunezero no kunesha bati : Watsinze satani n’imbaraga z’umwijima, urupfu rumizwe no kunesha!

Yesu yasohokanye mu mva icyubahiro abarinzi b’abaroma babibona. Ba basirikari bari bashinyaguriye Yesu, ba bandi bari bamubohoye ikamba ry’amahwa, baramwitegereza bamumenya nk’uwari wubashywe; wa wundi utarigeze atera amahane imbere ya Pilato na Herode, wa wundi umubiri we washenjaguwe n’inkoni, wa wundi wari wabambwe ku musaraba, abatambyi bakuru n’abanditsi bakamuzunguriza imitwe bagira bati : “Yakijije abandi none ntabasha kwikiza.⁴» Uwo ni wa wundi wari wahambwe mu mva nshyashya ya Yosefu. Iteka ryo mu ijuru ryari ryabohoye imbohe. Imisozi yari izengurutse igituro cye ntiyamubujije gusohokamo.

Abasirikare baguye igihumure, ubwo babonaga abamaraika n’Umukiza mu cyubahiro cye. Babyutse ingabo zo mu ijuru zimaze kwigendera bazireba, maze bava aho bwangu, amaguru yabo ahinda umushyitsi. Bagendaga badandabirana nk’abasinzi, bakora uko bashoboye kose bihutira kugera mu murwa, babwira abantu bose bahuye na bo iby’iyo nkuru itangaje. Bajya kwa Pilato, ariko abayobozi b’idini

barabimenya maze barabahamagara ngo baze aho bari. Abo basirikare bari bahinduye isura. Bahinda umushyitsi kandi bafite ubwoba, bahamije kuzuka kwa Kristo. Bavuga ibyo babonye byose; ntibabonye igihe cyo kuvuga ibitari ukuri. Babivuze bisobanura bibagoye, bagira bati : “Ni Umwana w’Imana wabambwe,” twiyumviye maraika avuga ko yari Umutware w’ijuru n’Umwamwi w’icyubahiro.

Abatambyi bagize mu maso nk’ah’upfuye. Kayafa agerageza kugira icyo avuga, ariko ntihagira ijwi risohoka mu kanwa ke. Abasirikari bagiye kwisohokera mu cyumba cy’inama, bumva ijwi ryongeye kubahamagara. Noneho ijwi rya Kayafa riragaruka aravuga ati : Mube muretse ! Mube muretse ! Ntimugire uwo mubwira ibyo mwabonye.

Abasirikare bahabwa raporo y’ibinyoma. Abatambyi babaha itegeko bati : “Mujye muvuga muti : abigishwa baje nijoro dusinziriye baramwiba.” Abatambyi na bo baribeshyaga. Ni gute abasirikari bari kuvuga ko abigishwa bibye Yesu basinziriye? None se babaye bari basinziriye bagombaga kuba barabimenye bate? Kandi iyo bigaragara ko ari abigishwa basahuye umurambo wa Yesu, abatambyi ntibagombaga kubaryoza icyo gikorwa? Byongeye kandi iyo abarinzi baba basinziriye ku mva, abatambyi ntibari kwihutira kujya kubaregera Pilato?

Abasirikari bakangishijwe kwishinja ko basinziriye ku nshingano zabo. Iryo kosa ryahanishwaga kwicwa. None se bashoboraga kubeshya abantu bose, maze bakishyira mu kaga ko gupfa? Ntibari barinze se bikomeye? Ni gute bashoboraga kurahira ibinyoma ku bice by’ifeza?

Kugira ngo babiceceke, abatambyi babijeje umutekano bemeza ko Pilato atitaye ku kwamamara kw’iyi nkuru kubarusha. Abasirikari b’abaroma bagurishije ukuri kwabo n’abayuda ibice by’ifeza. Bari bageze imbere y’abatambyi bafite umutwaro : umutwaro w’ubutumwa bwuzuye ukuri kuruta ubutumwa bwose butangaje; nuko bahava bajyanye undi mutwaro : umutwaro w’ifeza n’ibinyoma byuzuye akanwa kabo byahimbwe n’abatambyi.

Muri ibyo byakorwaga, Pilato yari yumvise ko Yesu yazutse. N’ubwo urubanza rwo gutanga Yesu ngo apfe rwari rumuriho, Pilato we nta ruhande yari ahagazemo. Igihe yatangaga Yesu atabishaka, ndetse afite umutima w’impuhwe, kugeza icyo gihe ntiyari yakigera agaragaza umutima wo kwihana nyakuri. Nyuma

y'iyi nkuru, agira ubwoba, yikingiranira mu nzu ye ngo hatagira umuntu babonana. Nyamara abatambyi babashije kwinjira bamugeraho, bamubwira inkuru bo ubwabo bihimbiye, bamusaba kutagira icyo atwara abo barinzi. Mbere yo kubyemera, Pilato yashatse kubaza abasirikari rwihereranwa, maze kuko batinyaga akaga kabageraho, ntibatinyuka kugira icyo bahisha, maze babwira umutware inkuru y'ibyabaye byose. Ntiyatekereje ngo ageze kure, ariko guhera ubwo ntiyigeze agira umutuzo.

Satani yari atsinze ubwo Yesu yashyirwaga mu gituro. Yari yagerageje kwizera ko Yesu atazazuka. Yashakaga intumbi ya Yesu nk'umutungo we. Ubwo yageragezaga guheza Yesu mu gituro, yashyize abarinzi be ku gituro. Igihe abadayimoni birukaga intumwa yo mu ijuru ihageze, yasajijwe n'uburakari. Ubwo yabonaga Yesu asohotse anesheje, niho yamenye ko ubutware bwe bwagombaga kugira iherezo kandi ko na we akwiye kurimbuka.

Ubwo abatambyi bicishaga Yesu, bari bihindukiye ibikoresho bya satani. Bari biyeguriye burundu mu bubasha bwe, bafatiwe mu mutego batashoboraga kwikuramo; nta kindi cyari kibasigariye kitari kujya ku rugamba rwo kurwanya Kristo. Ubwo bumvaga inkuru y'uko Yesu yazutse, batinye umujinya w'abantu maze bibona bari mu kaga. Cyakora, ibyiringiro rukumbi bari bafite byari ibyo. Gushyigikira ko Yesu atazutse kandi ko yari umunyabinyoma. Bagurira abasirikare, maze bamaze kumva Pilato ntacyo avuze, bamamaza iyo nkuru ipfuye ahantu hose. Ariko hari abahamya batashoboraga gucecekesha: benshi bari bumvise ubuhamya bwatanzwe n'abasirikari igihe Yesu yazukaga. Ku rundi ruhande bamwe mu bari bazutse bari bagiye biyereka benshi, bemeza ko Yesu yazutse. Abantu baraza babwira abatambyi ko babonye abazutse kandi bumvise ubuhamya bwabo. Abatambyi bakomeje kugira ubwoba bwo kuzarebana na Yesu, haba mu mayira cyangwa mu ngo zabo. Nta hantu na hamwe bumvaga bafite umutekano. Ingufuri n'ibihindizo by'inzugi ntibyashoboraga kubahisha Umwana w'Imana. Ijoro n'umunsi ibyabaye mu rukiko n'amagambo bivugiye ngo «amaraso ye azatubarweho n'abana bacu⁵» byahoraga biza mu bitekerezo byabo. Ibyabaye ntibyagombaga kuzahanagurika mu bwonko bwabo. Ntibagombaga kuzongera kugira ibitotsi bituje.

Ubwo maraika yumvikanishaga ijwi rye rikomeye ku mva ya Yesu avuga ati : So araguhamagara! Umucunguzi yasohotse mu gituro kubw'ubugingo yari afite muri we. Nuko amagambo yivugiye aba aragaragaye, ayo yivugiye ati : « ... ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane. Nshobora kubutanga kandi nshobora kubusubirana. » Ibyo yari yarahanuriye abatambyi n'abakuru byari bisohoye ngo : « nimusenya uru rusengero, nanjye nzarwubaka mu minsi itatu.⁶»

Kristo yavugiye ku gituro anesheje ati : « Ninjye kuzuka n'ubugingo ». Imana yonyine niyo yashoboraga kuvuga ityo. Ibyaremwe byose biriho kubw'ubushake n'ububasha bw'Imana. Byose bibaho bibeshejweho na gahunda y'Imana. Kuva ku Muserafi mukuru kugeza ku kiremwa giciye bugufi kuruta ibindi, byose bitunzwe na Soko y'ubugingo. Uwo wenyine gusa uri Umwe n'Imana ni we ushobora kuvuga ngo : nshobora gutanga ubugingo bwanjye, nkanabusubirana. Kristo, mu bumana bwe yari afite ububasha bwo kumenagura iminyururu y'urupfu.

Kristo yazutse mu bapfuye, nk'umuganura w'abasinziriyeye. Yari atandukanye n'amahundo bajyaga bazunguza mu masinagogi, kandi igihe yazukaga ayo mahundo barimo bayatura Uwiteka. Uwo muhango ufite ubusobanuro wari warakozwe mu gihe gisaga imyaka igihumbi. Batoraga amahundo ya mbere yeze mu mirima, maze igihe ubwoko bw'Uwiteka bwabaga bugiye i Yerusalemu mu minsi mikuru ya Pasika, bakayazunguriza imbere y'Uwiteka nk'ituro ryo kumushimira. Nyuma y'uwo muhango niho gusa ingano zashoboraga gusarurwa zigahambirwa imiba. Ayo mahundo yahabwaga Uwiteka yerekanaga ko igihe cy'isarura gisohoye. Muri ubwo buryo rero, Kristo nk'umuganura, yashushanyaga umusaruro mukuru mu by'umwuka ukwiye kuzataha mu bwami bw'Imana. Umuzuko we ni ishusho y'umuzuko w'abakiranutsi. « Ubwo twemeye ko Yesu yapfuye, akazuka, abe ari ko twizera ko Imana izazanana na Yesu abasinziriyeye muri we.⁷»

Yesu azuka, yazukanye n'abantu benshi. Ibituro byarakinguwe bitewe no guhinda umushyitsi kw'isi kwaherekeje urupfu rwe, igihe Yesu yavaga mu gituro rero abakozi b'Imana bahamije ukuri bagatanga ubuzima bwabo, basohokanye na we. Bagombaga rero kongera guhamya uwabazuye mu bapfuye.

Mu murimo we ku isi, Yesu yari yarazuye abapfuye. Yari yarazuye umwana w'umupfakazi w'i Nayini, umukobwa w'umutware, na Lazaro. Ariko abo yazuye

ntabwo bari barambitswe kudapfa. Nyuma yo kuzuka bari bategereje kuzongera gupfa; naho abazutse mu muzuko wa Kristo, bazukiye ubugingo buhoraho. Bamukurikiye agiye mu ijuru nk'insinzi y'urupfu. Yesu yaberekanye avuga ati : ntibakiri imbata za satani; narabacunguye. Nabakuye mu bituro nk'umuganura w'ububasha bwanjye kugira ngo aho ndi na bo babeyo be kongera gupfa cyangwa kubabara.

Abo bazutse binjiye mu murwa biyereka benshi bagira bati : Yesu yazutse kandi twazukanye na we. Ubwo basubizwaga ubuzima, abo bera bahamyaga ukuri kw'aya magambo ngo : « Abawe bapfuye bazaba bazima, intumbi z'abantu banjye zizazuka. » Ku bw'umuzuko wabo ubu buhanuzi butangira gusohora: « Ababa mu mukungugu mwe, nimukanguke muririmbe, kuko ikime cyawe kimeze nk'igitonda ku byatsi, kandi ubutaka buzajugunya abapfuye.⁸ »

Ku mwizera wese, Kristo ni ukuzuka n'ubugingo. Kubw'Umucunguzi, dusubizwa ubugingo twanyazwe n'icyaha; kuko muri we afite ubugingo bumubashisha kuzura uwo ashaka. Afite uburenganzira bwo gutanga kudapfa. Yongera gusubirana ubugingo yatanze ubwo yahindukaga umuntu maze akabuha abatuye isi bose. Aravuga ati : « ... nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo kandi zibone bwinshi. » « Unywa amazi nzamuha ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha, azamuhindukiramo isoko y'amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho. » « Urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku muni w'imperuka.⁹ »

Urupfu ntacyo rubwiye umwizera. Yesu yaruvuzeho aya magambo ati : « Umuntu niyitondera ijamba ryanjye ntazapfa iteka ryose. » Urupfu rw'umukristo ni nk'ibitotsi, ni ukuruhukira ahacecekerwa no mu mwijima. Niwizera, ubugingo bwawe buhishanywe n'ubwa Kristo mu Mana Data. « Kandi ubwo Kristo ari we bugingo bwacu azerekanwa, na mwe muzaherako mwerekananwe na we muri mu bwiza.¹⁰ »

Ijwi ryumvikaniye ku musaraba ngo : « Birarangiye » ryanumvikanye mu bapfuye. Ryahuranyije ibituro ritegeka abasinziye gukanguka. Uko niko bizagenda ubwo ijwi rya Kristo rizumvikanira mu ijuru. Iryo jwi rizinjira no mu

bituro maze rice iminyururu, abapfiriye muri Kristo bazazuka. Ibituro bike gusa nibyo byakinguwe ubwo Yesu yazukaga; ariko ubwo azagaruka, abapfuye bose bamunejeje bazumva ijwi rye bambikwe ubugingo bw'ubwiza kandi budapfa. Ya mbaraga yazuye Yesu mu bapfuye, izongera kubeshaho itorero rye maze irihane ubwiza nawe, hejuru y'ububasha bwose n'ubushobozi bwose no hejuru y'izina ryose umuntu yabasha kwitwa atari mu gihe cya none gusa ahubwo n'icy'ahazaza.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 28:2-4,11-15.
2. Abaheburayo 12:26.
3. Yesaya 24:20; 34:4; 2 Petero 3:10; Yoweli 3:16.
4. Matayo 27:42.
5. Matayo 27:25.
6. Yohana 10:17,18; 2:19.
7. 1 Abatesalonike 4:14.
8. Yesaya 26:19.
9. Yohana 10:10; 4:14; 6:54. 10. Yohana 8:51; Abakolosayi 3:4.

*** **

82. KUKI URIRA?



Abagore bari hafi y’umugaruka wa Kristo batagerezanyaga amatsiko ko isabato irangira. Ku munsu wa mbere w’icyumweru mu gitondo cya kare bazindukira ku mva bajyanye ibihumura neza n’imibavu bagira ngo basige umurambo w’Umukiza¹. Gutekerezaga ko yazuka byari bibari kure. Izuba ry’ibyangiriro byabwo ryari ryamaze kurenga

maze ijoro ricurira umwijima mu mitima yabo. Uko bagendaga, baganiraga imirimo y’impuhwe ya Kristo n’amagambo ye yahumirizaga abantu. Ariko bibagirwaga amagambo yari yarababwiyeye ati: “Ariko nzongera kubonana namwe”²

Bataramenya ibyabaye bagenda begereza agashyamba bavugaga bati: “Ninde uri butubirindurira cya gitare kiri ku gituro!” Bari bazi neza ko batari bubone imbaraga zo gukuraho igitare, nyamara bakomeza urugendo rwabo. Ariko mu mwana, ijuru rirabagiranishwaga n’ubwiza budatewe n’izuba rirashe. Isi iratigita. Babona rya buye rinini ribirinduye. Imva irangaye irimo ubusa.

Abo bagore ntabwo bari baturutse mu cyerekezo kimwe, Mariya Magadarena ni we wahageze mbere; amaze kubona ko igitare kibirinduye yihutira kujya kubwira intumwa. Muri uwo mwana abandi bagore baba barahageze. Umucyo wamurikaga ukikije imva ariko umurambo wa Yesu ntabwo wari urimo. Bagitinze aho hantu muri ako kanya babona batakirikiye bonyine.

Umusore wambaye imyambaro irabagirana yari ahagaze iruhande rw’imva. Yari malayika wari wabirinduye cya gitare. Yari yafashe ishusho y’umuntu kugira ngo adatera ubwoba izo inshuti za Yesu. Nyamara umucyo uvuye mu ijuru wari ukirabagirana ahamukikije, maze abagore bagira ubwoba. Nuko ubwo bahungaga, malayika arabahagarika arababwira ati: “mwebwe mwigira ubwoba nzi yuko

mushaka Yesu wabambwe, ntari hano kuko yazutse nk’uko yavuze. Nimuze murebe aho Umwami yari aryamye. Nimugende vuba mubwire abigishwa be yuko Yazutse.” Bongera kureba mu mva maze bongera kumva inkuru y’igitangaza: undi mumarayika ufite ishusho y’umuntu na we, yari aho arababwira ati: «Kuki mushakira umuzima mu bapfuye? Ntari hano ahubwo yazutse, mwibuke ibyo yavuganye na mwe akiri i Galilaya agira ati: Umwana w’umuntu akwiriye kugambanirwa ngo afatwe n’abanyabyaha; abambwe maze azazuke ku muni wa gatatu.»

Yazutse, Yazutse! : “Abagore ntibarambirwa gusubira muri ayo magambo” Ibihumura neza ntibyari bigikenewe. Umukiza yari atakiri mu gituro ahubwo yari muzima. Bibuka ko ubwo yababwiraga iby’urupfu rwe, yababwiye ko azazuka “Mbega umunsi w’igitangaza ku bantu batuye isi! Abagore bava ku gituro vuba «bafite ubwoba n’ibinezaneza byinshi birukanka bajya kubibwira abigishwa be.»

Mariya yari atarakamenya iyo nkuru nziza. Asanga Petero na Yohana maze ababwirana agahinda ati: “Bakuye Umwami Yesu mu gituro kandi ntutuzi aho bamushyize” Intumwa zirukankira ku gituro maze zisanga bimeze uko Mariya yazibwiye. Babona ibitambaro bari bamuzingiyemo n’umwenda we ariko Umwigisha wabo ntabwo yari arimo. icyakora bashoboraga kubona ko yazutse. Imyenda bari bamuzingiyemo ntabwo yari yasandagujwe, ahubwo yari izinze neza kandi buri wose uri mu mwanya wawo; Yohana «abibonye arizera» «Yari atarasobanukirwa neza n’imironko yo mu byanditswe ivuga ko Kristo agomba kuzuka mu bapfuye.» Ariko yibuka amagambo Umukiza yavuze avuga ibyo kuzuka kwe.

Ni Kristo ubwe wari watunganiye ibyo bitambaro. Ubwo Maraika ukomeye yari yegereye imva, yasanganiwe n’undi mumarayika wari urinze umurambo w’umwami we n’ingabo ze. Mu gihe marayika yavaga mu ijuru akabirindura igitare undi yinjiye mu mva abohora umurambo wa Yesu. Ariko Umukiza ubwe ni we wazinze ibitambaro bari bamuzingiyemo abirambika mu mwanya wabyo. Mu maso y’uyobora inyenyeri n’utuntu dutoya cyane nta na kimwe kidafite icyo gisobanura. Gahunda n’ubutungane ni byo biranga imirimo ye yose.

Mariya yari yakurikiye Yohana na Petero ku mva; ubwo abandi basubiraga i Yerusalemu we yasigaye ku mva wenyine. Uko yarushagaho kureba mu mva

irangaye niko umubabaro warushagaho kwiyongera mu mutima we yegereye abona abamaraika babiri umwe ari hasi undi ari hejuru y'imva Yesu yari aryamyemo. Baramubaza bati: "Mugore urarizwa ni iki?" arabasubiza ati: «ni uko bakuyemo Umwami wanjye nanjye sinzi aho bamushyize. »

Nuko arahindikira asa nushaka kumenya ko hari uwagira icyo amubwira ku byo bakoreye umurambo wa Yesu. Yumva irindi jwi rimubwira riti: «Mugore urarizwa ni iki? Urashaka nde?» Kubera amarira yari mu maso ye abona ishusho y'umuntu, yibwira ko ari abarinzi b'agashyamba. Aramubwira ati: " mutware niba ari wowe umujyanye ahandi mbwira aho umushyize nanjye mukure yo"

Niba imva y'umukungu ari yo yagaragaye ko atari ahantu heza hakwiriye guhambwamo Yesu, Mariya yari yiyemeje kumushakira ahandi yashyirwa. Hari indi mva ijwi rya Yesu ryatumye isigaramo ubusa; yari ya yindi Lazaro yari yararuhukiyemo. Mbese ntiyashoboraga kuyihambamo Umwami we? Mu kababaro ke yari kuza guhumurizwa nuko ashoboye kwita ku murambo w'igiciro w'Uwabambwe.

Ariko Yesu amubwira mu ijwi yari amenyereye ati: "Mariya!" Asobanukirwa noneho ko uwo yabwiraga atari undi muntu maze ahindukiye abona ni Kristo imbere ye ari muzima. Afatwa n'umunezero mwinshi maze yibagirwa ko yari yabambwe. Arasimbuka ngo ahobere ibirenge bye atera hejuru n'ijwi riranga ati: "Rabuni!" Ariko Kristo arambura ukuboko aramubwira ati: "Ntunkoreho kuko ntarazamuka ngo njye kwa Data. Ahubwo jya kubwira bene data yuko nzamutse ngiye kwa Data ari we So, kandi ku Mana yanjye ari yo Mana yanyu." Nuko Mariya aragenda iyo nkuru nziza ayibarira abigishwa.

Yesu yanze kwakira ibyubahiro ahabwa n'abe ataramara gusobanukirwa neza ko igitambo cye cyemewe na Se. Arazamuka ajya mu bikari byo mu juru yakirwa n'Imana Data kandi amuhamiriza ko igitambo cy'impongano y'ibyaha by'abantu gihagije kandi ko bose babiheshejwe n'amaraso ye bashobora guhabwa ubugingo bw'iteka. Imana Data ikomeje isezerano yagiranye na Kristo yiyemeza kwakira abantu bihannye kandi bumvira maze ikabakunda nk'uko ikunda Umwana wayo bwite. Kristo "Yagombaga kurangiza umurimo we no gutuma abantu baba ingume kurusha izahabu ya Ofiri."³ Ubutware bwose bwo mu ijuru no mu isi

bwahawe Igikomangoma gitanga ubugingo maze agaruka mu isi y'ibyaha ku bigishwa be kugira ngo abagezeho icyubahiro cye n'ubwiza bwe.

Igihe Umukiza yari imbere y'ubwiza bw'Imana Data amuha impano z'itorero rye, abigishwa barimo gutekereza ku mva ye irimo ubusa, bari bababaye kandi barira. Uwo munsu wari uw'umunezero mwinshi mu ijuru, ku ntumwa zo wari umunsi wo gushidikanya n'urujijo. Kutizera bakiranye ubuhamya bazaniwe n'abagore bigaragaza uburyo urugero rwo kwizera kwabo rwari rwagiye hasi cyane. Inkuru yo kuzuka kwa Kristo yari itandukanye n'ibyo bari bategereje bikabatera kutizera. Byari bikabije kuba byiza maze bakabwirana bati: “ubanza atari ukuri”. Amatwi yari yararemajwe n'inyigisho n'amahame yitwaga ko ari ay'abanyabwenge b'abasadukayo bituma badasobanukirwa neza ibyo kuzuka. Ntibamenyaga neza kuzuka mu bapfuye icyo ari cyo bigatuma badashobora gusobanukirwa icyo cyigisho cy'agaciro kenshi.

Abamalayika bari babwiye abagore bati: “Nimugende mubwire abigishwa be hamwe na Petero muti: arababanziriza i Galilaya, iyo ni ho muzamubonera nk'uko yababwiye.” Abo bamaraika barinzi nibo bamufashaga mu buzima bwe bwa hano ku isi, bari kumwe na we mu rubanza rwe ndetse no mu gihe cye cyo kubambwa kandi bari barumvise uko yari yarabwiye abigishwa be. Ni yo magambo akubiye mu butumwa boherereje abigishwa, kandi yari ahagije kubemeza. Ayo magambo yashoboraga kuzanwa gusa n'intumwa z'Uwazutse.

Abamaraika baravuga bati : “Mugende mubwire intumwa ze na Petero” Kuva igihe Kristo yapfaga, Petero akurikiwe n'ijisho ry'urukundo n'umubabaro yari yarebwe n'Umukiza, yari yafashwe n'ikiniga. Ntabwo yashoboraga kwibagirwa uburyo bukojeje isoni yihakanyemo Shebuja. Yarababaraga kuruta undi mwigishwa wese. None bari bamuvuze mu izina, ibyo byari ukumuhamiriza ko kwihana kwe kwemewe kandi ko icyaha cye cyababariwe.

“Mugende mubwire intumwa ze na Petero ko azababanziriza i Galilaya, iyo ni ho muzamubonera nk'uko yababwiye.” Intumwa zose zari zahanye Yesu, iryo rari rero ryabwirwaga bose, Umwigisha ntabwo yari yabaretse ! Ubwo Mariya Magadalena yababwiraga ko yabonye Umukiza yabasubiriyemo amagambo abararikira kujya i Galilaya. Ubwo butumwa bwongeye kubohererezwa inshuro ya gatatu. Amaze kuzamuka kwa Se, Yesu yabonekeye abandi bagore arababwira ati:

“ Ni amahoro !” Baramwegera bamufata ku birenge baramupfukamira. Maze Yesu arababwira ati: “ Mwitinya nimugende mubwire bene data bajye i Galilaya ni ho bazambonera .”

Ikintu cya mbere Yesu yakoze amaze kuzuka cyabaye guhumuriza abigishwa be ko urukundo rwe ndetse no kubasabira bitagabanutse. Kugira ngo abahe ikimenyetso ko ari Umukiza muzima, ko yaciye umunyururu w'imva kandi ko umwanzi ari we rupfu adashobora kumugumana igihe kirekire; kandi kugira ngo abagaragarize ko akibafitiye urukundo ruhwaye n'urwo yari abafitiye igihe yabanaga na bo ari Umwigisha wabo ukundwa, yabiyeretse inshuro nyinshi. Yashakaga kubagotesha imirunga y'urukundo rwe. Yesu aravuga ati : “Nimugende mubwire abavandimwe banjye muti: Mujye i Galilaya ni ho muzambonera!”

Uko kurarika gusobanutse kwibutsa abigishwa be amagambo Kristo yakoresheje abasobanurira ibyo kuzuka kwe. Nyamara bari batarashobora kongera kunezerwa kandi ntibashoboye kwivanamo gushidikanya kwabo ngo bakire kumanjirwa. Ntabwo bashoboraga kwemera ibyo abagore babahamiriza ko babonye Umwami. Bibwiraga ko abagore babaye nk'abarota.

Ingorane ziyongereye ku zindi. Umwigisha wabo wapfuye kuwa gatandatu w'icyumweru none kuwa mbere w'iminsi irindwi abigishwa babona babuze umurambo we kandi baregwa kuba bawibye ngo babeshye rubanda. Bashidikanyaga ko badashobora gukosora ibyo binyoma byari biri gukwirakwizwa ahabakije. Batinyaga urwago rw'abatambyi ndetse n'uburakari bwa rubanda maze bakifuza kwibanira na Kristo wari waragiye abatabara mu kwiheba kwabo kose.

Kenshi bibukiranyaga aya magambo ngo: “Kandi twiringiraga yuko ari we uzacungura abisirayeli.”Agahinda karenze urugero karabuzuraga iyo bibukaga ayo magambo ngo “ mbese ubwo bagenje batyo igiti kikiri kibisi nikimara kuma bizacura iki?⁴” Bajya mu cyumba cyo hejuru bikingiranamo barakomeza kuko bibwiraga ko ibyabaye ku Mukiza bakundaga ari byo bizababaho nabo.

Kandi muri icyo gihe bari bakwiriye kwishimira kumenya ko Umukiza yazutse ! Mu gashyamba Mariya yari arimo kurira kandi Yesu amuhagaze iruhande.

Kubera guhumishwa n’amarira, amaso ye ntiyamumenye. Imitima y’intumwa yari yuzuyemo umubabaro mwinshi ku buryo batemeye ubutumwa bw’abamaraika haba ngo bemere n’amagambo ya Yesu.

Hariho abantu benshi bakora nk’uko intumwa zagenje. Ni abantu bangana iki batakana ijwi ryo kubura ibyiringiro nka Mariya bati: “ Batwaye... Umwami, kandi ntutuzi aho bamushyize” Ni bangahe bakwiriye kongera kubwirwa aya magambo y’Umucunguzi ngo: “ Urarizwa ni iki ? Urashaka nde ?” Umukiza abahagaze iruhande ariko amaso yabo ahumishijwe n’amarira ntibamumenya. Arabavugisha ariko ntibumva.

Yoo!!! Iyaba bashoboraga kubura umutwe, iyaba amaso yabo yashoboraga guhumuka ngo bamwitegereze, iyaba amatwi yabo yashoboraga kuzibuka ngo bumve ijwi rye! “ Nimugende vuba mubwire abigishwa be ko yazutse” Nimubabwire ngo be kujya kureba ku mva ya Yosefu, ikingishijwe ikibuye kinini kandi iriho ikimenyetso cy’abaroma. Kristo ntabwo arimo, imva irimo ubusa. Mwirira nk’abadafite ibyiringiro cyangwa ubutabazi. Yesu ariho kandi ubwo ariho natwe tuzabaho. Imitima yacu ishima, n’iminwa yacu yejeje n’ikara ryaka bikwiriye kumvikanisha ijwi ry’umunezero ngo Kristo yazutse! Ni muzima kandi aradusabira. Nimukomeze ibyo byiringiro mubyishingikirijeho nk’igitare cy’ukuri gishikamye. Nimwizere muzabona ubwiza bw’Imana.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 28:1,5-8; Mariko 16:1-8; Luka 24:1-12; Yohana 20:1-18.
2. Yohana 16 :22.
3. Yesaya 13 :12. 4. Luka 24 :21 ; 23 :31.

*** **

83. MU NZIRA IJYA EMAUSI



Ku gicamunsi cy’umunsi wo kuzuka, abigishwa babiri bari mu nzira ijya Emausi¹ ikirorero gitoya kiri bugufi bw’i Yerusalemu nko mu birometero cumi na bibiri. Abo bigishwa nta ruhare runini bari bafite mu murimo wa Kristo, nyamara bari abizera b’abanyamwete. Baje mu murwa kugira ngo bubahirize Pasika, barimo

bibaza cyane ku bintu biheruka kuba. Bamaze kumva inkuru yari yakwirakwijwe mu gitondo, yerekeranye no kuzimira k’umurambo wa Kristo, kimwe n’inkuru y’abagore bari babonye abamaraika kandi bari bahagaze imbere ya Yesu, bataha iwabo kugira ngo bige kandi basenge. Bagendaga bababaye baganira ibyabaye mu rubanza no kubambwa. Nta bundi bari barigeze bacika intege nk’ubwo. Bagendaga mu gicucu cy’umusaraba nta byiringiro no kwizera.

Batarakora urugendo rurerure, umugenzi aza abagana ariko kuko bishwe n’agahinda bari mu kayubi, ntibita ku kumwitegereza neza bakomeza ikiganiro cyabo, bavuga ibitekerezo biri mu mitima yabo baganira ku byigisho bya Kristo yabahaye batashoboye gusobanukirwa. Mu gihe bari bakiganira ibiherutse kuba, Yesu yifuza cyane kubakomeza. Yari yabonye umubabaro wabo; yumvaga ibitekerezo bivuguruzanya kandi biteye agahinda byabateraga kwibaza bati: mbese birashoboka ko wa muntu wemeye kwicisha bugufi bigeze harya yaba Kristo. Badashoboye kwihanganira umubabaro wabo bararira. Yesu yari azi ko imitima yabo yuzuyemo urukundo bamukundaga, yari ategereje igihe gikwiriye guhanagura amarira yabo no kubuzuzamo umunezero n’ihirwe. Ariko yumvaga ko agomba kubaha mbere na mbere amasomo batazibagirwa.

Arababaza ati: muragenda mubazanya ibiki? Bahagarara bagaragaje umubabaro. Umwe muri bo witwaga Kiliyopa aramusubiza ati: Mbese ni wowe

wenyine mu bashyitsi b' i Yerusalemu utazi ibyabaye muri iyi minsi? Bamubwira uburyo bagushijwe mu kayubi n'iby'Umwigisha wari umuhanuzi ukomeye mu byo yakoraga n'ibyo yavugaga imbere y'Imana n'imbere y'abantu bose, maze bakomeza bagira bati: “Ariko abatware bacu n'abatambyi bacu bamutanze ngo acirwe urubanza rwo gupfa, baramubamba.” Barakomeza, imitima yabo yuzuye umubabaro mwinshi kandi iminwa yabo ihinda umushyitsi baravuga bati: “Kandi twiringiraga yuko ari we uzacungura Abisiraeli ariko hamwe n'ibyo, uyu muni ni uwa gatatu uhereye igihe ibyo byabereye.”

Mbese ntibitangaje ko abo bigishwa bari baribagiwe amagambo bari barabwiwe na Yesu wabamenyeshaga ibigiye kuzaba? Ntabwo basobanukiwe neza ko umugabane uheruka w'ibyo yababwiye wagombaga gusohora nk'uko uwa mbere wasohoye, kandi ko kubw'ibyo Yesu yagombaga kuzuka ku muni wa gatatu. Ibyo ni byo bari bakwiriye kwibuka rwo. Abatambyi n'abakuru bo ntabwo bari babyibagiwe. “Nuko bukeye bwaho, ari wo muni wakurikiraga uwo kwitegura abatambyi bakuru n'abafarisayo bateranira kwa Pilato baramubwira bati : “Mutware twibutse yuko wa mubeshyi akiri muzima yagize ngo iminsi itatu nishira azazuka.” Ariko abigishwa ntibibukaga ayo magambo.

Nuko Yesu arababwira ati: «mwa bapfu mwe imitima yanyu itinze cyane kwizera ibyo abahanuzi bavuze byose. None se Kristo ntiyari akwiriye kubabazwa atyo ngo abone kwinjira mu bwiza bwe ?» Abigishwa bibazaga batangaye uwo muntu udasanzwe, wahinguranyije imitima yabo, maze akavugana na bo afite ubutware, urukundo, impuhwe n'ibyiringiro bikomeye. Biba ubwa mbere uhereye igihe yagambaniwe, ibyiringiro byongeraga kuza mu ntekerezo zabo. Bwenda kwira bitegerezaga mugenzi wabo; amagambo ye yari ayo Yesu yari kuvuga iyo aba ahari. Baratangira cyane maze imitima yabo yuzura ishimwe.

Atangirira kuri Mose we Alufa w'amateka ya Bibiliya, maze Kristo abasobanurira ibyo Ibyanditswe byera bimuvugaho. Iyo aza guhita abimenyesha, imitima yabo yari kunyurwa, maze mu munezero wabo wuzuye ntibagire ikindi bifuzwa. Ariko byari ngombwa ko bamenya bagasobanukirwa ubuhamya, ibimenyetso n'ubuhanuzi byo mu Isezerano rya Kera byavuze kuri Yesu. Kuri icyo gihamya ni ho kwizera kwabo kwari gukiriye gukura ugushikama. Kristo nta gitangaza na kimwe yakoze kugira ngo abemeze, yatangiye abasobanurira Ibyanditswe byera. Urupfu rwe rwasaga n'urwacogojwe ibyiringiro byabo. Noneho

ashingiye ku bahanuzi abagaragariza ko urupfu rwe rwari rukwiriye kuba urufatiro rwo kwizera kwabo.

Mu kwigisha abigishwa be, Yesu yabagaragarije agaciro k’ubuhamya Isezerano rya kera ryatanze ku murimo we. Mu gihe cya none, abakristo bazi kwigisha bashyira Isezerano rya kera ku ruhande nkaho ryaba ryarataye agaciro kose. Iyo si yo nyigisho ya Kristo. Ahubwo ibiri amambu Kristo yerekanye uburyo Isezerano rya Kera yarihaga agaciro kanini agira ati: “Nibatumvira Mose n’abahanuzi, ntibakwemera naho umuntu yazuka.”³⁹

Ijwi rya Kristo ni ryo ryumvikaniraga mu bakurambere n’abahanuzi, uhereye mu gihe cya Adamu ukageza imperuka. Umukiza yagaragaye neza mu Isezerano rya Kera nko mu Isezerano rishya. Umucyo warasiraga mu bahanuzi bo mu gihe cyashize niwo ukigaragaza ubwiza buri mu mibereho y’Umukiza n’inyigisho zo mu Isezerano Rishya. Ibitangaza bya Yesu bishobora gukoreshwa mu guhamya ubumana bwe, nyamara kuba ari Umucunguzi w’ab’isi bigaragara nta gushidikanya iyo ugereraniye ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya kera n’amateka yo mu Isezerano Rishya.

Akoresheje ubuhanuzi, Kristo yumvishije abigishwa uko byagombaga kumugendekera yambaye umubiri wa kimuntu. Bari bibeshye ubwo bari bategereje Mesiya bibwira ko mu gitekerezo rusange, Mesiya azima ingoma maze akaba umwami. icyo gitekerezo cyababujije kwemera ko Mesiya azava mu mwanya wo hejuru cyane kugira ngo yicishe bugufi cyane ndetse anywere no ku gikombe cy’umubabaro cyamugenewe. Kristo yifuzaga yuko abigishwa be bagira igitekerezo kiboneye kuri ibyo byose. Abagaragariza ko intambara iteye ubwoba yarwanye bo batashoboraga kumva, yari ingaruka y’isezerano yari yarasezeranye isi itararemwa. Kristo yagombaga gupfa nk’uko umugome wishe amategeko akigumira mu byaha apfa. Ibyo ni ko byagombaga kubaho, ariko ntibyagombaga gusoreza ku kuneshwa ahubwo ni byo byari kumugeza ku kunesha guhebuje kw’iteka ryose. Yesu ababwira ko nta mbaraga n’imwe yagombaga kwirengagiza kugira ngo acungure isi y’ibyaha. Intumwa ze zigomba gukoresha imbaraga nyinshi no kwihangana bakabaho nk’uko yabayeho kandi bagakora nk’uko yakoraga.

Aya niyo magambo Kristo yabwiye abigishwa be akingurira ubwenge bwabo gusobanukirwa n'Ibyanditswe byera. N'ubwo bari bananiwe ikiganiro nticyabarambiye. Amagambo y'ubugingo n'ibyiringiro yabageragaho avuye ku minwa y'Umukiza. Ariko amaso yabo yari atarahumuka. Igihe yababwiraga kurimbuka kw'i Yerusalemu bitegerezaga umurwa uciriweho iteka barira. Bari bakiri kure yo gusobanukirwa n'uwo bari kumwe mu rugendo. Ntabwo batekerezaga ko uwo ikiganiro cyabo cyerekeyeho yari ari kugendana na bo, kuko Kristo yivugaga ubwe nkaho ari undi muntu. Bibwira ko ari umuntu wari waje kubahiriza umunsi mukuru, wari wisubiriye iwe. Kimwe na bo na we yagendaga yitonze muri iyo nzira y'ibiharabuge, rimwe na rimwe bagahagarara ngo baruhuke. Uko ni ko bagendagenda muri iyo nzira yo mu misozi mu gihe uwabagendaga iruhande yari agiye bidatinze kwicara iburyo bw'Imana Data; kandi yashoboraga kuvuga ati: "Nahawe ubutware mu ijuru no mu isi."⁴

Izuba ryari rigiye kurenga mbere yuko abagenzi bagera aho bajyaga, abakoraga mu mirima bari bavuye ku mirimo yabo. Ubwo abigishwa bari bageze iwabo uwo mushyitsi asa n'ushaka gukomeza urugendo rwe. Ariko abigishwa bumva banejejwe no kuvugana na we kandi bifuzaga kongera kumwumva baramubwira bati: "Ese waretse tukagumana?" Kandi kuko atasaga n'uwiteguye kwakira irarika ryabo baramwinginga cyane bati: "Dore umunsi urakuze kuko bwije." Iherezo Kristo arabyemera "arinjira ngo agumane na bo."

Iyo abigishwa bataza guhatiriza ntabwo bari kumenya ko uwo bafatanyije urugendo yari Umwami wazutse. Nta muntu Kristo ahatira kumwemera ngo babane na we. Yita ku bumva bamukeneye. Anezezwa no kwinjira mu nzu icishije bugufi no kunezeza umutima woroheje. Nyamara arihitira mu gihe abantu batitaye ku mushyitsi wabo uturutse mu ijuru kandi bakirengagiza kumurarika ngo agumane na bo. Uko niko benshi bagira igihombo kinini. Ntibasobanukirwa neza kuruta abigishwa Kristo yagendanaga na bo mu nzira ijya Emausi.

Igaburo ryoroheje rya nimugoroba riteguranywa umwete. Maze rishyirwa imbere y'uwo mushyitsi wari wicaye iruhande rw'ameza. Yesu arambura amaboko ngo ahe umugisha ibyo byokurya. Abigishwa bashubije agatima impembero barumirwa. Babona ikimenyetso Umwigisha wabo yahoraga akora. Bongera kumwitegereza bundi bushya maze babona mu biganza ibimenyetso by'imisumari. Bombi baterera hejuru icyarimwe bati: Ni Umwami Yesu ! Yazutse !

Bahaguruka bagira ngo bikubite ku birenge bye bamuramye ariko aburira imbera y’amaso yabo. Bitegereza intebe yari yicaweho na wa wundi umubiri we wari warambaraye mu mva maze barabwirana bati: “Yewe ntiwibuka ukuntu imitima yacu yari ikeye, ubwo yavuganaga natwe turi mu nzira adusobanurira Ibyanditswe?”

Bari bafite ishyushyu ryo gutangaza iyo nkuru ikomeye ku buryo batari gushobora kwicara ngo baganire. Bibagirwa umunaniro n’inzara. Badakoze ku byo kurya, kuko bumvaga bibatindiye kugeza inkuru ku bigishwa, basubira mu nzira banezerewe maze basubira mu murwa basubije mu nzira banyuzemo. Umuhanda ntabwo wari mwiza ariko bemera kuzamuka ahantu hahanamye banyerera ku mabuye. Ntabwo barebaga neza ngo bamenye ko barinzwe n’uwagendanye na bo. Agakoni k’abagenzi mu ntoke, bagenda kandi bifuzaga kwihuta birenze uko babikora. Bakayoba inzira bakongera kuyigarukamo. Rimwe barirukaga ubundi bakanyerera, nyamara uko bagendaga, iruhande rwabo bari kumwe na wa mugenzi wabo ariko batamureba.

Ijoro ryari ricuze umwijima, ariko Zuba ryo gukiranuka yarabagiranaga kuri bo. Imitima yabo yasimbagizwaga n’ibyishimo. Bumvaga bari mu yindi si. Kristo ni Umukiza muzima. Bari batakiririra urupfu rwe. Barikiranyaga bibutsanya bati: “Kristo yazutse!” Ngubwo ubutumwa bari bashyiriye abashavuye. Bari bagiye kubabwira inkuru nziza itangaje baboneye mu nzira ijya Emausi. Bakwiriye kuvuga uwabasanze mu rugendo. Bari bajyanye ubutumwa bukomaye cyane butigeze guhabwa isi, inkuru nziza izaba urufatiro rw’ibyiringiro ku muryango wa bene muntu bo mu gihe cyabo no kugeza iteka ryose.

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 24:13-33.
2. Matayo 27:62,63.
3. Luka 16 :31. 4. Matayo 28 :18.

*** **

84. AMAHORO ABE MURI MWE



Bageze i Yerusalemu,¹ ba bigishwa babiri binjirira mu rugi rw'iburasirazuba, rwa rundi rwahoraga rukinguye nijoro mu bihe by'iminsi mikuru. Umwijima wari ukibuditse ku mazu

kandi hariho n'ituze, ariko abagenzi banyuraga mu tuyira tw'imfungane bamurikiwe n'umucyo w'ukwezi kwabanduye. Bajya mu cyumba cyo hejuru, aho Yesu yari ari mu mugoroba wabanjirije urupfu rwe. Bari bazi ko nubwo bwije bwose bari buhuriemo na bene Data, kuko batari kwemera gusinzira bataramara gusobanukirwa neza iby'izimira ry'umurambo w'Umwami wabo. Babona urugi rw'icyumba barukinze bakomeje. Barakomanga, ntiha gira ubasubiza, bose bari bacecetse. Nuko bavuga amazina yabo. Babakingurira n'amakenga, barinjira ariko undi utagaragara yinjirana nabo. Nuko urugi rukingwa vuba vuba kuko batinyaga abatasi.

Abo bashyitsi bashya basanga abantu bose bari mu kayubi n'impagarara. Bumva mu cyumba bateye hejuru n'amajwi arenga yo gushima, no guhimbaza. Amajwi yumvikanaga bagira, bati : “Ni ukuri koko Umwami yazutse, ndetse yabonekeye Simoni.” Maze ba bagenzi babiri na bo ubwabo bakinaniwe kubera urugendo bamaze gukora, bavuga uburyo Yesu yababonekeye. Mu gihe bari batararangiza abandi kandi bavuga ko badashobora kubyemera, kuko bibatangaje cyane, maze undi muntu ahagarara imbere yabo. Amaso yabo bayahanga uwo mushyitsi. Nta muntu wari wakomanze ku rugi, kandi nta birenge byari byumvikanye. Abigishwa barumirwa cyane. Nuko bamenya ijwi ry'Umwigisha wabo ryumvikanye neza, agira ati : “Amahoro abe muri mwe.”

Ariko “barikanga bagira n’ubwoba bwinshi bagira ngo ni umuzimu babonye. Arababwira ati : ikibahagaritse umutima ni iki? Kandi ni iki gitumye mwiburanya mu mitima yanyu? Nimurebe ibiganza byanjye n’ibirenge byanjye mumenye ko ari njye ubwanjye, ndetse nimunkoreho murebe, kuko umuzimu atagira umubiri n’amagufwa nk’ibyo munde bana.” Avuze ibyo abereka ibiganza n’ibirenge bye.”

Bizezwa nuko babonanye ibiganza n’ibirenge bye inkovu z’imisumari y’abagome; bumvise ijwi rye ritagira uko risa baranyurwa. «Nuko ibinezaneza bikibabujije kubyemera, bagitangara, arababaza ati : hari icyo kurya mufite?

Bamuha igice cy’ifi yokeje n’umutsima uriho ubuki, aracyakira akirira imbere yabo.²» Abigishwa baranezerwa babonye Umwami wabo. Noneho ugushidikanya gusimburwa no kwizera ndetse n’umunezero kandi bafite umutima unyuzwe imvugo y’umuntu itashobora gusobanura. Bemera ko Umukiza wabo yazutse

Ubwo Yesu yavukaga, maraika yaravuze ati : mu isi amahoro abe mu bo yishimira Noneho Umukiza yiyereka abigishwa be ku nshuro ya mbere; ubwo yari amaze kuzuka yababwiye amagambo y’iremamutima ngo : “amahoro abe muri mwe.” Iteka Yesu ahora yiteguye kubwira abantu baremerewe n’umutwari wo gushidikanya n’ubwoba, iby’amahoro. Ategereza gusa ko dukingura urugi rw’umutima wacu, maze tukamubwira, tuti : ngwino wibanire natwe. Yesu aravugaga ati : “dore mpagaze ku rugi ndakomanga, umuntu niyumva ijwi ryanjye, agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire.”³ Kuzuka kwa Yesu ni ikimenyetso cy’umuzuko uheruka w’abantu bose basinziriye muri we. Imiterere y’Umukiza wazutse uburyo bwe n’imvugo ye: ibyo byose abigishwa bari babimenyereye. Nk’uko Kristo yazutse mu bapfuye ni ko n’abasinziriye muri we bazazuka. Tuzamenya inshuti zacu nk’uko abigishwa bamenye Yesu. Niba mu mibereho yabo ipfa bari ibimuga, bari baremaye, cyangwa mu maso yabo bari barahindutse, bazazukana umubiri uboneye rwose kandi utunganye, ariko ishusho yabo y’uko basaga izakomeza kugaragara rwose, muri uwo mubiri wahawe ubwiza. Ubwo nibwo tuzamenya rwose nk’uko twamenywe⁴. Mu maso hazarasirwa n’umucyo urabagirana nko mu maso ha Yesu maze twongere tumenye neza ishusho y’abo dukunda.

Yesu yongeye kubona abigishwa, abibutsa amagambo yari yarababwiye mbere y'urupfu rwe : “Niko ibyari byanditswe kuri we, mu mategeko ya Mose n'abahanuzi ndetse no muri Zaburi byagombaga gusohora. Maze abungura ubwenge ngo basobanukirwe n'Ibyanditswe, ati : niko byanditswe ko Kristo akwiriye kuzababazwa no kuzuka ku munsu wa gatatu, kandi ko kwihana no kubabarirwa ibyaha bikwiriye kubwirwa amahanga yose mu izina rye, bahereye kuri Yerusalemu, ni mwe bagabo b'ibyo.”

Abigishwa batangira gusobanukirwa imiterere n'ubunini bw'umurimo wabo. Bagombaga gutangariza isi ukuri gutangaje Kristo yabahaye. Ibyagaragaye mu mibereho ye, mu rupfu rwe ndetse no mu kuzuka kwe, ubuhanuzi kwasobanuye ibyo bintu. Imiterere yo kwera kw'amategeko y'Imana, ibanga ry'inama y'agakiza, ubushobozi Yesu afite bwo kubabarira ibyaha; bagombaga kuba abahamya b'ibyo bintu byose bakabimenyesha isi. Bagombaga kuvuga iyi nkuru nziza: amahoro n'agakiza biboneshwa no kwihana, kandi bigatangwa n'imbaraga y'Umukiza.

“Amaze kubabwira ayo magambo, abahumekeraho Umwuka wera, arababwira ati : Nimwakire Umwuka wera, abo muzababarira ibyaha bazaba babibabariwe kandi abo mutazabibabarira bazabigumana.” Umwuka wera yari ataragaragaza mu mbaraga ze kuko Kristo yari atarahabwa ikuzo. Gusukwa k'Umwuka wera ku rugero rwinshi kwabayeho ubwo Yesu yari amaze kugururirwa ijuru. Igihe cyose abigishwa bari bataramuhabwa, ntibari bagashobora kubwiriza ubutumwa bwiza. Ariko guhera icyo gihe, Kristo yabahumekeyeho Umwuka we kugira ngo ababashishe kurangiza inshingano zabo za ngombwa mu Itorero. Nk'uko yari abahaye inshingano yera, yari agambiriye kubumvisha ko umurimo bagomba kwusohozza ari uko bafashijwe n'Umwuka wera.

Umwuka wera ni umwuka w'ubugingo mu mibereho y'iby'umwuka mu mutima. Guhabwa umwuka ni uguhabya ubugingo bwa Kristo. Umwakiriye aba ahawe n'imico ya Kristo. Abigishijwe n'Imana bonyine, abo Mwuka wera akoreramo, kandi mu mibereho ya bo bakagaragaza imibereho ya Kristo; ni bo bakwiriye guhagararira Itorero kandi bakarikorera umurimo.

Kristo yaravuze ati : “abo muzababarira ibyaha, bazaba babibabariwe, kandi abo mutazabibabarira bazaba batabibabariwe.” Nta n'umwe ugomba kumva

ko ahawe uburenganzira n'aya magambo bwo guciraho bene se iteka. Ibi byabuzanjwe mu magambo yavugiye mu cyigisho cyo ku musozi.

Uburenganzira bumeze butyo bufitwe n'Imana yonyine. Ariko Itorero nk'itsinda rifite inshingano kuri buri wese mu barigize. Inshingano yaryo ni iyo kuburira, kwigisha ndetse bishobotse kwegura abaguye mu ikosa runaka. Uwiteka aravuga ati : “Uhane, uteshe, uhugure, ufite kwihangana kose no kwigisha.”⁵ Birakwiriye cyane kwita ku bantu bafite imigendere mibi, no kuburira umuntu wese uri mu kaga, no kutemerera umuntu wese kwishuka ubwe kandi bakavuga icyaha cyose bacyatuye mu izina ryacyo no gusubira mu magambo Imana yivugiye ku byerekeranye n'ibyo kubeshya, kwica isabato, kwiba, gusenga ibishushanyo ndetse n'ikindi kibi cyose. “Abakora ibisa bityo ntibazaragwa ubwami bw'Imana.”⁶ Nibinangirira mu byaha byabo, urubanza muzaba mubaciriye bihuje n'Ijambo ry'Imana, ruzemerwa mu ijuru. Mu kugira icyaha nyambere baba bihakanye Kristo. Itorero rigomba kwerekana ko ritemera imigenzereze imeze ityo; riramutse ritabikoze ryaba ubwaryo risuzuguye Umwami waryo. Iby'icyaha, itorero rigomba kuvuga icyo Imana yakivuzeho. Rigomba gukora rikurikije amabwiriza y'Imana, ubwo nibwo ibyemezo byaryo bizemerwa mu ijuru. Gusuzugura ubushobozi bw'itorero ni ugusuzugura ubutware bwa Kristo ubwe.

Iyi mvugo na yo ifite uruhande rwiza. «Abo muzababarira ibyaha byabo, bazaba babibabariwe.» Iki gitekerezo gikwiye kugirwa nyambere. Igihe mugendereye uwataye inzira, muba mukwiye kumwumvisha ko akwiriye kubura amaso akareba kuri Yesu. Abungeri bakwiye kwita ku mukumbi w'Uwiteka n'urukundo rwinshi n'ubugwaneza. Bakwiye kubwira umunyacyaha ubuntu n'imbabazi by'Umukiza kandi bakamurarikira kwihana no kwizera Uwo ushobora gutanga imbabazi. Bakwiriye kubivuga bishingikirije ku bushobozi bw'Ijambo ry'Imana, ngo : «nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, kandi ikatwezaho gukiranirwa kwacu kose.»⁷ Ku bihana bose bahabwa ijambo ry'ihumure ngo : «Izaduhindukirira kutugirira ibambe, izaribatira ibicumuro byacu muni y'ibirenge byayo kandi Izarohera imuhengeri w'inyanja ibyaha byabo byose.»⁸

Itorero rikwiriye kwakirana umunyabyaha wihannye umutima w'impuhwe kandi ushima Imana. Bakwiriye kumusohora mu mwijima wo kutizera kugira ngo yinjire mu mucyo wo kwizera no gukiranuka. Itorero rikwiye gushyira ikiganza cye

gihinda umushyitsi mu kiganza gitabara cya Kristo. Kubabarira kumeze gutyo kuremerwa mu ijuru.

Ni muri ubwo buryo bwonyine itorero rifite ubushobozi bwo kubabarira umunyacyaha. Kubabarirwa ibyaha kubonerwa gusa mu gukiranuka kwa Yesu Kristo. Nta muntu n'umwe, nta muriyango n'umwe, byahawe uburenganzira bwo gukura ibicumuro mu mutima w'umuntu. Kristo yategetse abigishwa be kwigisha ibyo kubabarira ibyaha mu izina rye, mu mahanga yose, ariko bo ntibashoboraga gukuraho akanda na kamwe k'icyaha. «Kuko ari nta rindi zina ryahawe abantu dukwiriye gukirizwamo.⁹»

Igihe Yesu yiyerekaga abigishwa be ubwa mbere mu cyumba cyo hejuru, Tomasi ntabwo yari ahari. Yumvise inkuru za bagenzi be, kandi abona ibimenyetso byinshi by'uko Yesu yazutse, ariko umutima we wagumye kwijima no kutizera. Mu gihe yumvaga abigishwa bavuga kwigaragaza gutangaje k'Umukiza wazutse, kwiheba kwe kwariyongereye. Niba koko Yesu yari yazutse mu bapfuye, ntihari hakiriho impamvu yo kwizera ubwami bw'iyi si burebeshwa amaso. Ubwirasi bwa Tomasi bwari bwakomerekejwe n'uko Umwigisha yiyeretse intumwa zose uretse we. Yiyemeje kutabyemera, amara icyumweru cyose yibereye mu gahinda ko kwiheba, kuko ari byo byamubereye byiza imbere y'ibyiringiro no kwizera bya bagenzi be.

Icyo gihe cyose yasubiraga muri aya magambo, ngo : «nintabona mu biganza bye inkovu z'imisumari, ngo nshyiremo urutoki rwanjye, sinshyire n'ikiganza cyanjye mu rubavu rwe, sinzemera.» Ntabwo yashakaga kwemera ibyo bene Se bamubwiye cyangwa ngo kwizera kwe agushingire ku buhamya bwabo. N'ubwo yakundaga Umukiza cyane, ariko yemereye ishyari no gushidikanya bibona umwanya mu bwenge bwe no mu mutima we.

Bamwe mu bigishwa bari baratuye by'agateganyo mu cyumba cyo hejuru kandi buri mugoroba babaga bahari usibye Tomasi. Nuko umugoroba umwe, Tomasi yiyemeza gusanga abandi bigishwa. N'ubwo yashidikanyaga, yanyuzagamo akemera ko inkuru nziza yaba ari ukuri. Barimo kurya, baganiraga ibimenyetso Kristo yari yarabahaye byo mu buhanuzi. «Yesu araza abahagarara hagati kandi inzugi zari zikinze, arababwira ati : amahoro abe muri mwe!»

Maze Umwigisha ahita abwira Tomasi, ati : «Zana hano urutoki rwawe urebe ibiganza byanjye, kandi uzane n'ikiganza ugishyire mu rubavu rwanjye kandi we kuba utizera ahubwo ube uwizera!» Ayo magambo yerekanaga ko Yesu yari azi neza ibitekerezo n'amagambo bya Tomasi. Umwinangizi Tomasi yari azi neza ko bagenzi be batigeze babonana na Yesu mu gihe cy'icyumweru cyose kandi ko batigeze baganira na we ibyo gushidikanya kwe. Noneho yemera ko uwo bahagaranye ari Umwami we nta kindi kimenyetso yashakaga. Asabwe n'umunezero yikubita ku birenge bye, aravuga ati : «Mwami wanjye kandi Mana yanjye!»

Mu kwemera icyo cyubahiro amucyahana impuhwe agira ati : «Wijejwe n'uko umbonye. Hahirwa abizera batabonye!» Kwizera kwa Tomasi kwari kurushaho gushimisha Yesu iyo aza kwemera ubuhamya yahawe n'abavandimwe be. Iyo bose bigana urugero rwa Tomasi, nta n'umwe wari kuzakizwa no kwizera, kuko kwizera gushingira ku buhamya umuntu ahawe n'undi.

Abantu benshi mu biha ibyo gushidikanya bashaka inzitwazo bavuga ko bakwizera babonye ibitangaza n'ibimenyetso nk'ibyahawe Tomasi na bagenzi be. Ntabwo babona neza ko badafite ibimenyetso nk'ibyabo gusa, ahubwo ko bafite ibibiruta. Umubare munini w'abameze nka Tomasi, bategereje ko impamvu ibatera gushidikanya ikurwaho, ntibazigera babona ibyifuzo byabo bisubijwe. Buhoro buhoro bazibona babariwe mu binangiye. Abimenyereza kureba uruhande rubi kandi rwijimye rw'ibintu, bijujuta ndetse bivovota, ntabwo bazi ibyo bakora. Babiba gushidikanya maze bakaba ari ko basarura. Mu gihe ukwizera n'ukwiringira bizaba bikenewe, benshi bazananirwa kwizera ndetse no kwiringira.


Mu buryo Yesu yakoreye Tomasi, yatanze isomo ku bigishwa bese. icyitegereregezo cy'e kiratugaragariza uko dukwiriye kwifata imbere y'abantu bafite kwizera guke kandi bahora bashyira imbere ibyo bashidikanyaho. Yesu ntabwo yacyashye Tomasi ngo amucogozwe kandi nta nubwo yagiye impaka na we. Ahubwo yiyeretse uwashidikanyaga. Tomasi yakoze iby'ubupfu ashyiraho impamvu zo kwizera kwe, ariko Yesu mu rukundo rwe rugira neza kandi rwuzuye ubwitonzi, yakuyeho inzitizi zose. Si kenshi gushidikanya gutsindwa n'impaka. Ibiri amambu, gushidikanya kwihagararaho kugashaka izindi nzitwazo. Ariko iyo

Yesu yigaragaje nk'Umukiza wabambwe yuzuye urukundo n'imbabazi, nibwo iminwa myinshi ivuga aya magambo ngo : “Mwami wanjye kandi Mana yanjye!”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 24:33-48; Yohana 20:19-29.
2. Luka 24:41-43.
3. Ibyahishuwe 3:20.
4. 1 Abakorinto 13:12.
5. 2 Timoteyo 4:2.
6. Abagalatiya 5:21.
7. 1 Yohana 1:9.
8. Mika 7:19.
9. Ibyakozwe n'intumwa 4:12.

***** *** *****

85. INDI NSHURO KU NKENGERO Y'IKIYAGA.



Yesu yari yahaye abigishwa be gahunda yuko bazahurira i Galilaya; ubwo icyumweru cya Pasika cyari kirangiye, bashyize nzira bafata umuhanda ujya muri icyo kirere. Kubura kwabo mu minsi mikuru i Yerusalemu kwari gufatwa nk'igihamya cyerekana kutagira icyo bitaho n'uburyo bafite imyizerere inyuranye n'iy'idini; ni yo mpamvu bihamiyeyo kugeza birangiye; ariko nyuma bafashe inzira bishimye bajya guhura n'Umukiza nk'uko yari yabitegetse.¹ Abigishwa barindwi bari hamwe bambaye bisanzwe nk'abarobyi, bari abakene mu by'iyi si, ariko abakire mu bumenyi n'inararibonye mu kuri, ibyo mu maso y'ijuru byatumaga bashyirwa mu mwanya w'abigisha. Ntabwo bari barize mu ishuri

ry'abahanuzi, bari barize imyaka itatu gusa bigishwa n'Umwigisha mukuru isi itari yarigeze imenya. Kubw'ibyigisho bari baramwigiyeho barubahwaga, bari bafite ubwenge, barahuguwe, kandi babasha kugeza abantu ku kumenya ukuri.

Igice kimwe cyiza cy'umurimo wa Kristo cyari cyarabereye ku nkombe y'inyanja y'i Galilaya. Abigishwa bahamye ahantu babonaga ko ntawe uri bubabangamire, bibona bakikijwe n'ibyabibutsaga Yesu n'imirimo ye y'imbaraga. Igihe ku kiyaga, imitima yabo yari yaruzuwe n'ubwoba butewe n'umuraba wari ubashyize mu ngorane Yesu akaba ari we waje yihuta akabatabara agenda hejuru y'ayo mazi yisimbiza n'umuraba ukabije cyane yawuturishije ijambo rye. Babonaga umusenyi wo ku nyanja hahandi yahagiriye abantu barenga ibihumbi icumi imigati mike n'amafi make. Ahatari kure habonekaga Kaperinawumu, aho

Umwigisha wabo yakoreye ibitangaza bitari bike. Aho abigishwa barebaga hose amagambo n'ibikorwa by'Umucunguzi byabagarukaga mu bitekerezo.

Umugoroba wari mwiza na Petero utari wari ugikunda ubwato n'uburobyi asaba bagenzi be kujya kujugunya urushundura mu kiyaga. Bose bashyigikira icyo gitekerezo kubera ko bari bakeneye ibyo kurya n'imyambaro, bashoboraga kwikenura iyo ubwo buryo buza kubaha umusaruro. Bashyira ubwato ku nyanja, ariko ntibashoboye kugira icyo bafata ijoro ryose n'ubwo bari bakoresheje imbaraga nyinshi. Muri icyo gihe cy'amasaha maremare ananije, bavugaga Umucunguzi utari uri aho, maze bakibuka ibintu by'agatangaza bari bariboneye mu gihe cy'umurimo we ku nkombe z'ikiyaga. Bibazaga ibibazo by'ubwoko bwose birebana n'ahazaza, maze bakababazwa n'ibyabitambikaga imbere.

Muri icyo gihe cyose ku musenyi umurinzi wari wenyine yari abakurikije amaso ariko batamureba. Hanyuma igitondo kiratangaza. Igihe ubwato bwari bugeze hafi y'inkombe, abigishwa babonye umuntu uhagaze ku musenyi batazi abasanganiza ikibazo ati : “Bana, nta byo kurya namba mufite?” Nk'uko na bo bashubije bati : “Oya,” “nawe arababwira ati : Mujugunye urushundura iburyo bw'ubwato muragira icyo mubona. Bararujugunye maze ntibyaba bikiboroheye gukurura urwo rushundura kubera amafi menshi rwari rufashe.”

Yohani yahise amenya uwo ari we abwira Petero ati: “ Ni Umwami!” Petero watwawe n'umunezero, ariko akiri igihubutsi, yahise yijugunya mu mazi bidatinze aba ageze hafi y'Umwigisha. Abandi bigishwa begera baje mu bwato, bakurura urushundura rwuzuye amafi. “Igihe bamaze kumanuka bageze ku butaka babonye umuriro w'amakara n'amafi hejuru yawo n'umugati.”

Bagize gutungurwa gukomeye ku buryo batashoboye kwiyumvisha aho umuriro n'ibyo byo kurya byaturutse. “Yesu arababwira ati: muzane amafi mumaze kuroba.” Petero arihuta ajya kuri rwa rushundura yari yataye ajya gufasha abavandimwe be kurukurura baruzana ku nkombe. Igihe byose bimaze gutungana atumira abigishwa ngo baze barye. Arabimanyura arabibaha, bahita bamumenya uko ari barindwi. Bahise bibuka cya gitangaza cyo guhaza abantu ibihumbi bitanu ku musozi. Ariko bari buzuwe n'ubwoba butangaje bitegereza batuje Umucunguzi wazutse.

Bibutse nk'aho ari umunsi ubanziriza uwo yabahamagayemo ngo bamukurikire igihe bari ku nkombe z'ikiyaga. Bibuka uburyo ku itegeko rye bari bambutse bakomora inshundura zabo, n'uburyo zuzuye amafi hafi yo gucika. Nyuma yaho abahamagarira gusiga amato yabo barobeshaga, abasezeranya kuzabagira abarobyi b'abantu. icyo gitangaza gishya yagikoreye kugira ngo abibutse ayo mapica yose no kugira ngo abashe kubishimangira mu mitima yabo. Kubw'icyo gikorwa yavuguruye amasezerano y'abigishwa be. Yaberetse ko urupfu rw'Umwigisha wabo ntacyo rwahinduye ku nshingano yo kuzaza umurimo yari yabashinze. Ni iby'ukuri ko bari bagiye kumubura mu buryo bw'umubiri ndetse bakanabura uburyo yabitagaho mbere, ariko Umukiza wazutse yari kuzajya abitaho. Igihe cyose bari kujya buzaza inshingano ze yari kuzajya abateganiriza ibyo bakenera. Ni kubw'icyo mpamvu Yesu yabategutse kujugunya urushundura iburyo bw'ubwato: ni rwo ruhande yarimo, uruhande rwo kwizera. Igihe cyose bazaba bakorana na we, imbaraga mvajuru izajya yiyongera ku gutwarana k'ubushake bwa kimuntu; ntibazabura kunesha.

Kristo yashakaga kubaha irindi somo rireba Petero by'umwihariko. Mu kwihakana Umwigisha we mu buryo buteye isoni, Petero yivuguruye ku nshingano yari yiyemeje. Yasuzuguye Kristo atakaza n'icyizere cya bagenzi be. Abigishwa batekereje ko atazongera kugaruka mu mwanya yari afite muri bo, nawe ubwe yumvaga ko yaretse ibyo yari yiyemeje. Mbere yo guhamagarwa mu murimo w'intumwa, yagombaga gutanga ubuhamya bwo kwihana. Bitaba ibyo, icyaha cye nubwo cyari cyaramurijije, cyari kuba gicogoje uruhare rwe nk'umukozi wa Kristo. Umucunguzi yamuhaye umwanya wo kugarura icyizere cya bene se no gukuraho mu buryo bwose bushoboka isoni yari yakojeje ubutumwa.

Ibi bikubiyemo isomo ku bigishwa bose ba Kristo. Ubutumwa ntibugirana na rimwe umushyikirano n'ikibi. Ntibushobora kubabarira icyaha. icyaha cyakorewe mu ibanga kigomba kwihanwa mu ibanga imbere y'Imana, ariko icyaha cyakorewe mu ruhamye gisabwa kwihanirwa mu ruhamye. Iyo umwigishwa acumuye aba akojeje Kristo isoni bikabije. Satani arabyishimira n'imitima idakomeye ibibonamo ibuye risitaza. Mu gutanga ubuhamya bwo kwihana, umwigishwa aba ahanaguye igisebo nk'uko ari we byarebaga.

Ubwo Yesu yasangiraga n’abigishwa be, ku nkombe y’inyanja Umucunguzi yabwiye Petero ati : “Simoni mwene Yona urusha aba kunkunda?” Yerakana abavandimwe be. Umunsi umwe Petero yari yaravuze ati: “Nubwo bose ibyawwe biri bubagushe, jyweho ntabwo bizangusha.”² Ariko noneho yari yiyizi neza ati: “Yego Mwami wanjye urabizi ko ngukunda.” Ariko noneho ntiyabivuganye ubuhubutsi, ko urukundo rwe ari rwinshi kuruta urwa bene se. Ntaca urubanza noneho ku birebana n’urukundo rwe. Yabirekeye uca urubanza n’ukuri kose, kandi akavumbura mu mitima, ibirushijeho kwihisha ati: “Urabizi ko ngukunda”. Yesu aramubwira ati : “Ragira intama zanjye!” Umwigisha arongera ashyira Petero mu kigeragezo asubira muri aya magambo : « Simoni mwene Yona, urunkunda? » Noneho ntiyamubaza niba amukunda kurusha abandi. Igisubizo cyabaye nk’icya mbere kirimo kwihagararaho guhagije : « Yego Mwami, urabizi ko ngukunda. » Yesu aramubwira ati : « Ragira umukumbi wanjye. Inshuro ya gatatu Umucunguzi yongerera kumubaza cya kibazo : « Simoni mwene Yona, urankunda? » Petero ababaye cyane atekereza ko Yesu akemanga urukundo rwe. Ariko yari azi ko Umwami afite impamvu yo kutabyemera, amubwirana umubabaro ati : “Mwami ni wowe uzi byose, uzi ko ngukunda.” Yesu arongera aramubwira ati « Ragira umukumbi wanjye!”

Inshuro eshatu zose Petero yari yihakanye ku mugaragaro Umwami we. Maze inshuro eshatu zose Yesu yamukuyemo ubuhamya bw’urukundo rwe n’ubudahemuka, atsindagira iki kibazo cyamubereye nk’umwambi umuhinguranya umutima wari washenjaguritse. Imbere y’abigishwa bateranye, Yesu yerekanye uburyo kwihana kwa Petero kwari kuvuye ku mutima n’uburyo uriya mwigishwa wahoze ari uwiye yemera yahindutse uwicisha bugufi.

Ubusanzwe Petero yari umuntu ushyuhaguzwa, uhubuka, maze ibyo bigatuma satani yaraboneragaho kumunesha. Mu gihe gito gusa mbere y’uko amwihakana Yesu yari yamubwiye ati: « satani yabasabye ngo abagosore nk’amasaka. Ariko wehoho, ndakwingingiyemo ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhindukira ukomeze bagenzi bawe.»³ Uwo mwanya warageze, Petero ahinduka ku buryo bugaragara. Ibibazo Umwami yabajije Petero ntabwo byagarukiye ku bisubizo bihubukiwe gusa cyangwa by’ubwirasi. Muri uko kwicisha bugufi no kwihana kwe, Petero yarushijeho gutegurirwa kuba umushumba w’umukumbi.

Inshingano ya mbere Kristo yahaye Petero mu murimo we yamubwiye kuragira umukumbi. Petero yari afite ubunararibonye buke kandi uwo murimo usaba ubwitonzi, ubwiyoroshye, urukundo no kwihangana. Byari ukumuhamagarira kwita ku bakiri bato mu by'umwuka, kwigisha abaswa abasobanurira Ibyanditswe abigisha kuba ingirakamaro mu murimo wa Kristo. Kugeza iki gihe Petero nta bushobozi yari afite muri uyu murimo wa Kristo, nta n'ubwo yumvaga umumaro wawo, ariko Yesu arabimuhamagarira; imibabaro no kwihana yagize byari byabimuteguriye.

Mbere yo kugwa kwe, Petero yari afite akamenyero ko kuvuga ku cyo abonye cyose atabanje kugitekerezaho. Yahoraga yiteguye gukosora abandi agatanga ibitekerezo bye atabanje gutekereza, cyangwa kureba neza, ntabanze kwibaza ku byo agiye kuvuga. Ariko amaze guhinduka, yahindutse undi muntu. Yakomeje umurava we ariko ubuntu bwa Kristo buyobora ubutwari bwe. Aho kuba igihubutsi, kwiyizera no kwiyemera, yahindutse utuje, wiyoroheje, kandi uzi kwifata mu byo avuga n'ibyo akora. Yari ashoboye kuragira abana b'intama nk'intama zo mu mukumbi wa Kristo.

Mu gukora gutya kuri Petero, Umucunguzi yeretse bese ko kwihangana n'urukundo rubabarira bikwiye mu kwita ku byanyabyaha. Nubwo Petero yari yarihakanye Yesu, Yesu yamukomereje urukundo rutagajuka. Kandi koko urwo rukundo ni rwo abaragirira Umwungeri bagomba gukunda intama n'abana b'intama baragijwe. Petero azajya yibuka intege nke ze no kugwa kwe maze abe igihamya cy'urukundo ruhebuje Yesu yamuhamirije mu maso yabo.

Ikibazo Kristo yabajije Petero gifite ubusobanuro bwimbitse. Hari ikintu kimwe cyo kuzuza kugira ngo ube umwigishwa kandi winjire mu murimo wa Yesu: "Urakunda?" Niko abaza. Nicyo kintu cy'ingenzi. Nubwo Petero yari kuba afite imico myiza ate ntabwo yari gushobora kuba umwungeri wizewe w'umukumbi wa Kristo nta rukundo rwe. Ubumenyi, kugira neza, kumenya kuvuga, gushima n'ubutwari ni inyunganizi z'igiciro muri uyu murimo mwiza; ariko iyo umutima utuzuyemo urukundo rwa Yesu, igikorwa cy'umukozi wa Kristo Yesu kizatsindwa byanze bikunze.

Yesu yatemberanaga na Petero bonyine afite icyo ashaka kumubwira :

“Aho njya ntubasha kunkurikira ubu ariko uzankurikira hanyuma.” Petero yari yasubije ati: “Databuja, icyambuza kugukirikira ubu ni iki ko nzanagupfira.” Mu kuvuga gutya yari kure yo kumva uburebure bw’ikijyaruguru n’ubw’ikijyepfo Kristo azamuyoboramo. Petero ntabwo yari yarashoboye kwihanganira ikigeragezo, ariko yahawe andi mahirwe yo kongera kwerekana urukundo akunda Kristo. Mu gushaka gukomeza kwizera kwe mu kigeragezo giheruka Yesu yamumenyesheje ibyo mu gihe kizaza. Nyuma y’ubuzima bwuzuye neza, igihe azaba amaze gusaza imbaraga zikagabanuka, umwigishwa azahamagarwa by’ukuri gukurikira Umwami. Yesu arambwira ati: Igihe wari ukiri umusore warikenyezaga ukajya aho ushaka hose, ariko nusaza uzarambura amaboko undi agukenyeze akujyane aho udashaka. icyatumye avuga atyo ni ukwerekana urupfu azubahisha Imana.”

Yesu yerakanaga urupfu Petero azapfa; ageza naho amubwira ko amaboko ye azaramburwa ku musaraba. Nuko yongera kubwira umwigishwa we ati: “Nkurikira.” Iryo hishura ntabwo ryamuciye intege. Yari yiteguye gupfa urupfu urwo ari rwo rwose kubw’Umwami.

Nk’abandi bose, Petero yari azi Kristo mu buryo bw’umubiri, ariko siko yagombaga kuguma mu minsi yari igiye kuza. Yari yaramukunze nk’umuntu, nk’Umwigisha wavuye mu ijuru; ariko ubu yamukundaga nk’Imana. Yari amaze kumenya ko Kristo ari byose muri byose. Ubu yari amaze gutegurirwa kugira uruhare mu murimo wo kwitanga w’Umwami. Igihe ku iherezo ry’ubuzima bwe, bamujyanaga ku musaraba, yasabye kubambwa acuritse. Kubabara nk’Umwigisha we byamugaragariye rwose ko bimuhesha icyubahiro cyinshi.

Amagambo ngo: “Nkurikira,” kuri Petero yari akubiyemo inyigisho y’igicro cyinshi. Iyo nyigisho ntabwo yari yerekeye igihe cy’urupfu rwe gusa, ahubwo kuri buri ntabwo y’ubuzima bwe bwose. Kugeza uwo mwanya ibitekerezo bya Petero byigenganga byari bikigerageza kwikorera gahunda y’umurimo w’Imana; aho kureka ngo agendere kuri gahunda yo mu ijuru. Ariko ntacyo yari yarungutse yiruka imbere y’Umwami. Yesu arambwira ati : “Nkurikira”. Ntunyiruke imbere kuko warwana n’ingabo za satani wenyine. Reka nkujye imbere, bityo ntabwo uzatsindwa n’umwanzi.

Ubwo Petero yagendaga iruhande rwa Yesu yabonye ko Yohana abakurikiye. Yifuje kumenya uko bizagendekera Yohana mu gihe kizaza abwira Yesu ati : « Databuja uyu se azamera ate ? Yesu aramusubiza ati : Niba nshaka ko agumaho kugeza igihe nzazira upfa iki? Wowe, nkurikira. » Petero yari azi ko Umwami aribumubwire icy’ingenzi kurutaho. Ni inshingano ya buri muntu gukurikira Yesu, nta guhangayikira inshingano zahawe abandi. Mu kuvuga ibirebana na Yohana « Niba nshaka ko agumaho kugeza igihe nzazira. » Ntabwo yashakaga na busa kuvuga ko azakomeza kubaho kugeza ku kugaruka kwe. Yagiraga ngo yerekane ubushobozi bwe buhebuje kandi ko n’iyo aza kubikora gutyo ntabwo byarebaga Petero na rimwe. Ahazaza ha Yohana n’aha Petero hari mu biganza by’Umwami. Buri umwe umwe yagombaga kumukurikira amwumvira.

Ni abantu bangana iki basa na Petero uyu muni! Bita ku bintu, ku mikorere n’inshingano by’abandi ntibite ku nshingano zabo. Inshingano yacu ni iyo kurangamira Kristo no kumukurikira. Tubona amakosa n’ububi bw’imico y’abadukikije kuko muri kamere y’umuntu huzuyemo inenge nyinshi. Ariko tuzabona imico myiza muri Kristo; nitumwitegereza tuzahinduka.

Yohana yaramye imyaka myinshi. Yabonye isenyuka rya Yerusalemu, yabonye n’irimuka ry’urusengero rw’igitangaza, ikimenyetso cy’irangira ry’isi. Kugeza mu minsi ye yanyuma, Yohana yari agikurikirira Umukiza hafi. Ntiyahwemye kugeza ku matorero iri tegeko ngo: « Bakundwa, mukundane... Uguma mu rukundo aba ari mu Mana, n’Imana ikaguma muri we.⁵»

Petero yashubijwe mu murimo yari yahamagariwe mbere, ariko icyubahiro n’ubutegetsi yahawe na Kristo ntabwo byamuhaye isumbwe kuri bene se. Nicyo Yesu yasubije Petero ku kibazo yari abajije ngo : « uyu se azamera ate? » Yesu aramusubiza ati: « Upfa iki? Wowe nkurikira. » Ntabwo Petero yari ashyizwe ku mutwe w’itorero. Ineza Kristo yamugaragariye amubabarira, kumwihakana kwe, maze akamushinga kuragira umukumbi, n’ubudahemuka Petero yakurikiranye Kristo, byatumye bene se bamugirira icyizere. Yari afite uruhare runini mu itorero. Ariko Petero ntiyigeze yibagirwa inyigisho Kristo yamuhaye ku nkombe y’inyanja ya Galilaya. Mu kwandikira amatorero ayobowe n’Umwuka w’Imana, yarababwiye ati :

« Ndabinginga abakuru muri mwe, jyewe umukuru w'itorero nk'abo, umuhamya w'imibabaro ya Kristo wagize uruhare mu bwiza buzahishurwa : Muragire umukumbi w'Imana uri hagati muri mwe, atari kubw'ubwoba, ahubwo mubikunze nk'uko Imana ishaka. Atari kubwo kwifuza indamu mbi ahubwo kubw'umutima ukunze. Kandi mudatwaza igitugu abo mwagabanijwe, ahubwo mube ibyitegererezo byiza by'umukumbi. Kandi umutahiza n'aboneka muzahabwa ikamba ry'ubugingo ritangirika.⁶»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Yohana 21:1-22.
2. Matayo 26:33.
3. Luka 22:31,32.
4. Yohana 13:36,37.
5. 1 Yohana 4:7,16. 6. 1 Petero 5:1-4.

*** *** ***

86. MUGENDE, MWIGISHE AMAHANGA YOSE



Kristo asigaje gutera intambwe imwe ngo yicare ku ntebe yo mu ijuru, yahaye abigishwa aya mabwiriza ye ati : “Nahawe ubutware mu ijuru no mu isi.¹” “Mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa.” « Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza.²» Ayo magambo yasubiwemo inshuro nyinshi kugira ngo abigishwa be

bafate ubusobanuro bwayo. Umucyo wo mu ijuru wagombaga kumurikana imbaraga imbere y’abatuye isi yose, abakuru n’abato, abakire n’abakene. Abigishwa bafatanije n’Umucunguzi wabo, bagombaga gukora ngo isi ibone agakiza.

Itegeko ryari ryarahawe abo cumi na babiri igihe Yesu yabiyerekaga bari mu cyumba cyo hejuru; ariko yongera kurihishurira umubare munini w’abamwumvaga. Ku musozi w’i Galilaya hari hakoraniye abizera benshi bari baje kuhahurira na Yesu, nk’uko yari yarababwiye mbere y’urupfu rwe. Maraika wari wabiyerekeye ku mva yibukije abigishwa be isezerano Yesu yari yarabahaye ko azababanziriza i Galilaya; maze ryongera kwibutsa abizera bari bateraniye i Yerusalemu, mu cyumweru cya Pasika, kandi kubera bo, iryo sezerano ribwirwa abari bararorongotaniye kure bababajwe n’urupfu rw’Umwami. Bose batagereza uko guhura babifitiye amatsiko. Bahagera bavuye mu birere binyuranye banyuze mu tuyira tuziguye, kugira ngo birinde urwikekwe rw’abayuda bari babafitiye ishyari. N’umutima uhagaze, baganiraga iby’inkuru zerekeranye na Yesu Kristo.

Mu gihe cyategetswe, abizera bageze nko kuri magana atanu, umutima ushengurwa n’ibyerekeye Kristo; nyuma y’izuka rye bari bateraniye mu ibanga ry’umusozi, mu matsinda mato mato. Abigishwa bagendaga muri utwo dutsiko

bavuna ibyo babonye kuri Yesu n'ibyo bamwumvanye bakanabasobanurira Ibyanditswe byera nk'uko yajyaga abasobanurira. Tomasi yabasobanuriraga igitekerezo cyo gushidikanya kwe n'uburyo uko gushidikanya kwashize. Bakibivuga Yesu ahagarara muri bo. Nta n'umwe washoboye kuvuga uko aje n'aho yavuye. Abenshi mu bari aho ntibari barigeze bamubona; nyamara ibiganza n'ibirenge bye byari bifite ibimenyetso byo kubambwa; ishusho ye yari iy'ubumana, bamubonye baramuramya.

Nyamara benshi barashidikanyaga. Niko bizakomeza kuba iteka ryose. Abatamenyereza kwizera kwabo, igihe cyose bahagarara mu ruhande rwo gushidikanya. Gushidikanya gutuma bahomba byinshi.

Ubwo nibwo bwonyine Yesu yiyeretse abizera bangana batyo amaze kuzuka. Araza arababwira ati : «Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi.» Abigishwa babanje kumuramya atarabumbura akanwa ke; nuko amagambo yasohotse mu kanwa ke urupfu rwari rwabumbye, abatera imbaraga idasanze. Noneho yari Umukiza wazutse. Abenshi bari baramubonye akoresha imbaraga ze akiza abarwayi yirukana n'abadayimoni. Bizeraga ko afite imbaraga yamubashisha gushyiraho ingoma ye i Yerusalemu, agatsinda imbaraga zose no gutsinda ibintu byose biremeshwa. Yari yaraturishije amazi y'inyanja yihindirije, yari yagenze hejuru y'umuraba ushega, yari yarazuye abapfuye. Noneho ahamya ko «yahawe ubutware bwose.» Ayo magambo ye azamura imitima y'abamwumvaga basobanukirwa n'ibintu byo mu ijuru kandi bihoraho maze bibaha igitekerezo gikomeye cy'icyubahiro cye n'ubwiza bwe.

Aho ku musozi, Kristo ababwira ko igitambo cye cyo gucungura abantu cyuzuye kandi gihagije. Uburyo bwo gucungura abantu bwari bugezweho, umurimo wari wamuzanye ku isi wari urangiye. Yari agiye kujya ku ntebe y'Imana no guhabwa icyubahiro n'abamaraika n'abatware n'abafite ubushobozi. Yinjiye mu murimo we w'ubuhuza kandi yambaye ubutware butagira iherezo, niko gutegeka abigishwa be, ati : «Nimujye mu mahanga yose muhindure abantu bose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka wera mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.»

Ubutunzi bwera bw'ukuri bwari bwarahawe ubwoko bw'abayuda; ariko kubera inyigisho z'abafarisayo, ubu bwoko bwihugiyehe burusha andi moko

gukora ibyaha. Imyambaro, imico, iminsi mikuru n'imihango bibuza abatambyi n'abakuru kuba umucyo w'isi. Ishyanga ry'abayuda nta kindi ryabonaga ahandi keretse iwabo. Yesu ateguka abigishwa be kubwiriza kwizera n'imyigishirize idafite aho ihuriye n'impaka n'amacakubiri, kandi bakimenyereza amahanga yose n'imikorere yabo n'ubwoko bwose ndetse n'urwego rwose rw'abantu.

Mbere yo gusiga abigishwa be, Kristo abagaragariza imiterere y'ubwami bwe. Abibutsa ibyo yari yarababwiye kuri iyo ngingo ko atazanywe no gushyiraho ubwami bw'isi, ahubwo ni ubwami bw'Umwuka. Ntabwo yari aje kwima ingoma ya Dawidi nk'umwami w'isi. Noneho yongera kubumburira imbere yabo Ibyanditswe byera, abereka ko ibyo yihanganiye byose byari byarateguriwe mu ijuru mbere hose mu manama yabaye hagati ye na Se. Ibyo byose byari byarahanuwe n'abantu bayobowe n'Umwuka wera. Maze arababwira ati: mwabonye ko banyanze nka Mesiya, nk'uko nari narabibabwiye. Byose byabaye nk'uko nari narabibabwiye : ari ugucishwa bugufi kwanjye ndetse n'urupfu rwanjye. Kandi nazutse ku muni wa gatatu. Ngaho nimugenzure mu Byanditswe byera mwitonze murabona ko ibyamvuzweho byose byasohoye.

Kristo ateguka abigishwa be gutangirira i Yerusalemu umurimo yari abashinze. I Yerusalemu bari barabaye abahamya bo kugira neza kwe mu buryo butangaje. Aho ni ho yababarijwe, akangwa n'abantu kandi acirwaho iteka. I Yudaya ni cyo gihugu cy'e cya kavukire. Yabaye ishusho ya kimuntu, Umucunguzi yagendagendaga mu bantu; ariko bake gusa ni bo bamenye ko ijuru ryegereye isi kandi ko Yesu yari muri bo. Nuko rero i Yerusalemu ni ho hari hakwiriye gutangirira umurimo w'intumwa.

Batekereje uburyo Kristo yababarijwe aho hantu n'uburyo yagiraga umwete wo kubabwira ntibumve, abigishwa bumva bashatse kumusaba kujya mu kandi karere aho bazabona umusaruro, ariko bahitamo kujya guhinga mu murima aho Umwigisha wabo yari yarateye imbuto y'ukuri; kuko iyo mbuto yari kumera kandi ikagira umusaruro ushimishije. Ishyari n'urwango by'abayuda byari kuzahagurukiriza intumwa akarengane; ariko rero aho ni ho Umwigisha wabo yanyuze bityo na bo ntibagombaga kuhahunga. Mbere na mbere, ubuntu bwagombaga guhabwa abarenganije Umukiza.

I Yerusalemu abantu benshi bizeraga Yesu mu ibanga kandi abandi benshi bari barabeshywe n'abatambyi n'abakuru. Byari ngombwa rero ko ubutumwa bwiza bubageraho. Maze ijwi ribararikira kwihana rikumvikana mu matwi yabo. Hari hakwiye gusobanuka uku kuri ko kubabarirwa ibyaha bitangwa na Kristo gusa. Ni mu gihe Yerusalemu yari ikinyeganyezwa n'ibyabaye mu byumweru bishize, umurimo w'ubutumwa wari kugira umusaruro mwinshi.

Ariko umurimo ntiwari ukwiriye kugarukira aho gusa, wagombaga gukwira hose, ukagera no ku mpera y'isi. Kristo abwira abigishwa be, ati : muri abahamya b'imibereho yanjye yo kwiyanga ngo isi ibone agakiza. Mwabonye imirimo yanjye nakoreye mu Isiraeli. Nubwo banze kuza aho ndi ngo bahabwe ubugingo, nubwo abatambyi n'abakuru bankoreye ibyo bashaka, kandi bakanyigizayo, nk'uko Ibyanditswe byera bibivuga, bakwiye kongera guhabwa akanya ko kwakira Umwana w'Imana. Mwabonye uburyo nakira abaje aho ndi bicujije ibyaha byabo. Ntabwo nzasunikira hanze na rimwe uza aho ndi. Abazanshaka bose bazashobora kwiyunga n'Imana no guhabwa ubugingo bw'iteka. Mwebwe abigishwa banjye mbahaye ubutumwa bw'imbabazi. Bukwiriye kubanza kubwirwa Abisiraeli, hanyuma bukabwirwa amahanga yose n'indimi zose n'amoko yose. Bukwiye guhabwa abayuda n'abapagane. Abazizera bose bakwiriye guteranirizwa mu itorero rimwe.

Impano y'Umwuka wera yagombaga guhabwa abigishwa ikabatera ubutwari budasanzwe. Ubuhamya bwabo bwagombaga gukomezwa n'ibimenyetso n'ibitangaza bikomeye. Ibitangaza ntibyajyaga gukorwa n'intumwa zonyine ahubwo n'abakiriye ubutumwa bwazo bajyaga kubikora. Yesu arababwira, ati : «Bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica ntikizagira icyo kibatwara, bazarambika ibiganza ku barwayi maze bakire.³»

Muri icyo gihe bakoreshaga uburozi cyane. Abagabo batagira isoni ntabwo batinyaga kwikiza abo batavuga rumwe bakoreshaje ubwo buryo. Yesu yari azi ko ubugingo bw'abigishwa be buzaba buri mu kaga. Mu kwica abahamya b'Imana bibwiraga ko bayikorera umurimo. Ni cyo cyatumye Umukiza abasezeranira uburinzi ku kaga kose.

Abigishwa bagombaga gukoresha imbaraga nk'iya Kristo maze bagakora nka we «bakiza indwara zose n'ubumuga bwose bw'abantu.» Mu gukiza abarwayi

indwara z’umubiri mu izina rye, berekanaga ko afite ubushobozi bwo gukiza imitima.⁴ Na none kandi basezeranirwa impano nshya. Bari bagiye guhabwa ubushobozi bwo kwigisha mu mahanga yose, mu ndimi zayo. N’ubwo intumwa n’abafasha bazo bari abantu batari barigishijwe, kubera gusukwa k’Umwuka wera kwabaye ku munsu wa Pantekoti, bize byaba kwisobanurira mu ndimi zabo bwite cyangwa iz’amahanga kandi bakavugaga mu buryo butunganye kandi bworoshye, bunasobanutse neza.

Iryo ni ryo tegeko Yesu yahaye abigishwa be. Yakoze ikintu cyose cya ngombwa kugira ngo umurimo we ukuze amajyambere kandi abasezeranira gutsinda. Igihe cyose bazumvira ijamba rye kandi bagakorana na we mu musabano wose, ntabwo bazatsindwaga na hato. Yarababwiye, ati : mujye mu mahanga yose. Mugende mugere ku mpera y’isi ahatuwe hose, kandi nzabaherekeza aho muzajya hose. Mukorane kwizera n’ibyiringiro kandi sinzabasiga na hato.

Itegeko Yesu yatanze rirareba abizera bose kugera ku mperuka y’ibihe. Ryaba ari ikosa rikomeye gutekereza ko ari iby’abagabura gusa babyerejwe, gukorera gukiza imitima. Abantu bose bahumekewe n’ijuru bafataniriza hamwe mu murimo w’Ubutumwa bwiza. Abantu bafite ubugingo bwa Kristo bacagurirwa gukora umurimo wo gukiza bagenzi babo. Ni kubw’uwo murimo, itorero ryashyizweho, kandi abaryinjiramo bose biyemeza kuba abakorana na Kristo. “Umwuka n’umugeni barahamagara bati : ngwino. Kandi uwumva wese na we navuge ngo : “ngwino!”⁵ Uwumva wese uwo muhamagara na we akwiye kubisubiramo. Umuntu wese uri ku isi, umurimo wose yaba afite inshingano ye ya mbere yagombye kuba iyo gukiriza Kristo imitima. N’ubwo atashobora kuvugira mu ruhamu abwira abantu benshi, ashobora gukorera mu bantu abwira umwe umwe, abagezaho inyigisho y’Umukiza. Umurimo ntabwo ari ukubwiriza gusa. Burya abahumuriza abarwayi baba bakora umurimo, bafasha bagahumuriza abihebye kandi bagakomeza abashidikanya mu byo kwizera. Hafi ndetse na kure, hari imitima irembejwe n’ibyaha. Burya imibabaro n’akaga cyangwa se ubukene ntabwo ari byo byonona umuntu; yononwa n’icyaha n’ikibi. Ngibyo ibitera kugubwa nabi n’umubabaro. Kristo arashaka ko abagaragu be batabara imitima irembejwe n’indwara y’icyaha.

Abigishwa bagombaga gutangirira umurimo wabo aho babaga bari. Umurima urushijeho gukomera kandi usa naho udafite umusaruro ntabwo wagombaga kurekwa. Uko niko bikwiye kugenda no ku mukozi wese wa Kristo, akwiriye gutangirira aho ari. Mu miryango yacu hashobora kubonekamo abantu bakwiriye kugirirwa impuhwe kandi bifuza umutsima w'ubugingo, abo ni abana bakwiriye kurererwa Kristo. Mu mihana y'iwacu hari abapagani. Dukwiriye kurangiza neza inshingano yacu ituri hafi. Hanyuma tubone kugeza imbaraga zacu aho ukuboko kw'Imana kuzatuyobora hose. Bishoboka ko ibyo bishobora kugira ikibikoma mu nkokora; ariko nibakorana kwizera kandi neza, aho bari hose igikorwa cyabo kizumvikana, no mu bindi bihande by'isi. Igihe Kristo yari hano ku isi, umurimo we wasaga naho utitaweho mu murima mutoya; nyamara inteko nyinshi zo mu bihugu byose zumvise ubutumwa bwe. Kenshi cyane Imana ikoresha uburyo bworoheje, kugira ngo haboneke ibifite umumaro munini.

Bigaragara ko mu migambi yayo buri gice cy'umurimo wayo cyuzuzanya n'ibindi bice byawo, ni nk'uruziga mu rundi ruziga, umurimo wose ugakorwa mu buryo butangaje. Umukozi uciye bugufi hanyuma y'abandi, ayobowe n'Umwuka wera azakora ku migozi itagaragarira amaso maze kurangira kwayo kumvikane ku mpera z'isi iteka ryose.

Iri tegeko ntirikwiye kwirengagizwa : «Nuko nimujye mu isi yose.» Turarikirwa kubura amaso yacu tukayerekeza mu bihugu bya kure. Kristo avanaho inkuta zitandukanya abantu, n'urwikekwe rutandukanya amahanga, maze atwigisha gukunda umuryango wa bene muntu bose. Azamura abantu ngo barenge urwego rw'inarijye no kwikunda; akuraho imipaka n'urwango rushingiye ku nzego z'ubusumbane. Nta tandukaniro ashyira hagati y'abaturanyi n'abanyamahanga nta n'iryo ashyira hagati y'inshuti n'abanzi. Atwumvisha ko umuvandimwe ari umuntu udukeneyeho ubufasha uwo ari we wese kandi no kumenya ko isi yose ari umurima tugomba gukoreramo umurimo.

Igihe Umucunguzi yavugaga, ati : «Mujye mu mahanga yose muhindure abantu bose abigishwa,» yongeyeho ati : «dore ibimenyetso bizabana n'abizeye, bazirukana abadaimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica ntacyo kizabatwara na hato; bazarambika ibiganza ku barwayi bakire.» Isezerano rifite agaciro kagutse nk'itegeko. Ibyo ntibishatse kuvuga ko impano zose zahawe buri mwizera, ahubwo byose bikorwa n'Umwuka umwe kandi uwo Mwuka «ni we ukorera byose muri bese kandi agaha buri wese

uko ashaka.⁶» Impano zasezeraniwe buri mwizera wese ku rugero umurimo w'Umwami Imana ukeneye. icyo cyizere cyakomeje imbaraga zacyo; kandi gikeneye kwizigirwa mu gihe cyacu nk'uko byari biri mu gihe cy'intumwa. «Dore ibimenyetso bizagumana n'abazaba bizeye.» Iri ni isezerano ku bana b'Imana bese, kandi kwizera kuzabana n'ushaka kukugundira.

« Bazarambika ibiganza ku barwayi, bakire ». Iyi si ni ibitaro bigari, ariko Kristo yazanywe no gukiza abarwayi no kubohora abari imfungwa za satani. Yesu yari ubuzima bwose akaba n'imbaraga zose. Yahaga abarwayi ubugingo bwe abarwaye n'abababaye, abatewe na dayimoni, kandi abamukeneragaho gukira ntabwo yabasezereraga amara masa. Umukiza ntabwo yirengagizaga abamukeneraho ubufasha akenshi babaga aribo ba nyirabayazana b'indwara zabo; nyamara ntabwo yangaga kubagaruramo ubuzima. Iyo imbaraga y'ukuri yasohokaga muri Kristo, akayihabaho batindi b'abinazi; bahitaga biyumvamo ibyaha byabo, kandi abenshi bagakira indwara zabo z'iby'umwuka n'iby'umubiri. Iteka ryose Ubutumwa bwiza buhorana iyo mbaraga; kuki se twabwira tutaba abahamya b'ingaruka z'umurimo nk'uwo?

Kristo ababazwa n'ibyago by'abantu bese bababaye. Igihe imyuka mibi ibabaza umubiri w'umuntu yumva ibikorwa by'umuvumo; iyo ubuganga buri kumisha ubugingo bw'umuntu, Yesu agira umubabaro mwinshi. Na n'ubu aracyifuza gukiza abarwayi nk'uko yabigenzaga akiri hano mu isi. Abagaragu ba Kristo ni abamuhagarariye bakaba ari ibikoresho byo mu murimo we; abinyujije muri bo arashaka gukora umurimo we w'ubushobozi bukiza.

Akoresheje uburyo bwo gukiza, Umukiza yashakaga kwigisha abigishwa be. Umunsi umwe yasize utwondo ku maso y'impumyi, maze arayibwira, ati : « Genda wiyuhagire mu kidandedzi cy'i Sirowa... nuko aragenda ariyuhagira, maze agaruka areba.⁷» Iki gipimo cy'umuti cyari ikimenyetso cy'imbaraga z'Umuganga mukuru; nuko rero aho hari uburyo bwo gusobanukirwa neza ko Kristo yifashishije uburyo bw'ibyaremwe. N'ubwo atashyigikiye imikoreshereze y'imiti isanzwe, yashimangiye uburyo bwo gukoresha imiti yoroheje, kandi y'umwimerere.

Iyo Kristo yamaraga gukiza umugabane munini w'abantu bababaye, yababwiraga aya magambo ngo : « Ntuzongere gukora icyaha, kugira ngo utazagwirwa n'ishyano ruruta irya mbere.⁸ » Aho Yesu yabaga agaragaje ko indwara ari ingaruka yo kwica amategeko y'Imana, ari ay'iby'Umwuka cyangwa ay'iby'umubiri. Abantu baramutse babayeho mu buryo bwiza buhuje na gahunda y'Umuremyi mu isi nta kaga kakongera kuboneka.

Kristo ni we wari Umuyobozi n'Umwigisha wa Isiraeli ya kera, yo yajyaga yigisha ko ubuzima ari imbuto yo kumvira amategeko y'Imana. Umuganga mukuru wakizaga abarwayi muri Palestina yigeze kuvuganira n'ubwoko bwe mu nkingi y'igicu kugira ngo abubwire icyo bwari bukwiriye gukora n'icyo Imana yari kubukorera. Yabwiye Isiraeli ati : « Niwumvira Uwiteka Imana yawe, ugakora ibitunganye mu maso yayo, ukitondera ibyo yagutegetse byose, nta ndwara nzaguteza mu zo nateje abanyegiputa. Kuko ari jye Uwiteka ugukiza indwara⁹ » Yesu yahaye Isiraeli inyigisho zisobanura uburyo bwo kubaho, kandi ayiha isezerano ngo : « Uwiteka azagukuraho indwara zose.¹⁰ » Igihe cyose Abisiraeli bakoraga nk'uko Ibyanditswe byera bitegeka, iri sezerano ryabasohoragaho. «Nta munyantegye nke n'umwe wari uri mu miryango ya Isiraeli yose.¹¹ »

Izi nyigisho ni izacu natwe. Umuntu wese ushaka kurinda ubugingo bwe agomba kubahiriza ibisabwa. Twese dukwiriye kumenya ibyo bisabwa ibyo ari byo. Uwiteka ntashaka ko dukerensa amategeko ye, yaba ay'umubiri cyangwa ay'iby'Umwuka. Tugomba gukorana n'Imana kugira ngo duhe imibiri ubuzima bwiza ndetse n'ubugingo.

Inshingano yacu ni iyo kwigisha uko twabungabunga no kugira amagara mazima. Twari dukwiriye gukoresha imiti duhabwa n'ibyaremwe no kwerekeza imitima y'abarwayi k'Ufite ububasha wenyine bwo kubakiza. Umurimo wacu ni uwo kuzana kuri Kristo mu maboko afite ibyiringiro, abantu bose barembye tubigisha kwiringira Umuvuzi mukuru, no kwishyikiriza ku masezerano ye, no gusengera kugira ngo imbaraga ze zigaragaze. Gukiza indwara ni umutima bwite w'Ubutumwa bwiza; Umukiza ashaka ko duhugura abarwayi n'abababaye bakagundira imbaraga ye.

Imbaraga y'urukundo yagaragariraga mu gukiza indwara kwa Kristo, ni muri ubwo buryo iyo dusangira urwo rukundo mu buryo bwo kwizera, dushobora

gukoreshwa nk'ibikoresho mu murimo we. Nitwirengagiza isano nzima dukwiriye kugirana na Kristo, ntabwo tuzashobora kuba umuyoboro ugeza ku b'isi imbaraga itera ubugingo. Ahantu hamwe na hamwe, Umukiza ntiyashoboye kuhakora ibitangaza byinshi, kubera kutizera kw'abaturage baho. No muri iki gihe nabwo uko kutizera kubuza itorero ubufasha buva mu ijuru, kuko rifata iby'ukuri bihoraho rijenjetse. Imana irababara iyo irebye ukuntu tubuze kwizera, kuko ibyo bituma icyubahiro cyayo gipfobya.

Ni mu gusohozwa umurimo wa Kristo itorero rizashobora kwizera ko riri hamwe na we. Yarababwiye, ati : « Mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, ... kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi. » Kimwe mu byangombwa byo kuzuzwa kugira ngo bahabwe imbaraga ya Yesu, ni uko buri wese yikorera umutwari we. Imibereho y'itorero ubwayo izaterwa n'ubudahemuka buzanywe no gukora umurimo w'Umwami nk'uko ashaka. Kuwirengagiza ni ukwitegurira gucika intege mu by'umwuka ndetse no gusubira inyuma. Ahatari igikorwa kinini umuntu akorera mugenzi we, urukundo ruracogora, kwizera nako kugacika intege.

Biri mu migambi ya Kristo ko abakozi be bigisha itorero gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Abaririmo bakwiriye kwiga gushaka no gukiza icyazimiye. Ariko se uwo ni wo murimo bakora? Oya! Ni bangahe bagira umwete wo kongera kwenyegereza agashashi k'ubuzima mu itorero ryenda gupfa! Mbega ukuntu ari amatorero makeya yavuwe nk'intama zirwaye, avuwe n'abari bashinzwe gushaka intama zazimiye! Nuko muri icyo gihe cyose miliyoni nyinshi z'abantu zirapfa zidafite Kristo.

Urukundo rw'Imana uherye mu ntango yarwo rwagiriye umuntu impuhwe kugira ngo rumukorere ibyiza, nuko abamalaika batangazwa no kubona haboneka ishimwe rito cyane mu bagiriwe urwo rukundo rungana rutyo no kubona abantu bake gusa ari bo bakiranye ishimwe urwo rukundo rw'Imana. Ijuru ribabazwa no kubona imitima myinshi y'abantu yarirengagijwe. Mbese turashaka kumenya icyo Kristo abitekerezaho? Byagendekera bite nyina cyangwa se w'umwana abonye bamwicisha imbeho, agapfa azize ubukonje bwinshi cyangwa urubura kandi bari

gushobora kubimukiza? Mbega umubabaro n'agahinda! Mbese ntiyarimbura abo bagome? Imibabaro y'umuntu ni yo y'Umwana w'Imana, kandi abatarambura akaboko ngo batabare bagenzi babo bari mu kaga baba bari kwikururira umujinya w'inkazi w'Umwana w'intama. Ku munsu w'urubanza Kristo azabwira abiyitirira ko ari abe ariko batita ku bavandimwe babo bakeneye ubufasha, ati : «Sinzi aho muturutse, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe.¹²»

Mu guha abigishwa amategeko ye, Kristo ntabwo yitaye ku kubasobanurira inshingano zabo, ahubwo yanabahaye ubutumwa bagomba kuzavuga. Yarababwiye ati : «Muzigishe ab'isi kwitondera ibyo nababwiye byose.» Abigishwa bagombaga kwigisha ibyo Kristo yigishije. Atari ibyo yavuze we ubwe gusa, ahubwo n'ibyo yigishije mu bahanuzi b'abahanga bo mu Isezerano rya Kera. Inyigisho y'umuntu ku giti cyeye ntiyemewe. Nta mwanya w'imihango, imyigishirize, imyanzuro ya kimuntu, nta n'umwanya uhari wo kwigisha amategeko y'itorero ubwaryo. «Amategeko y'Imana n'ubuhanuzi» ndetse n'inkuru igendereye gukomeza urwibutso rw'amagambo ye n'ibikorwa bye : ngubwo ubutunzi bwahawe abigishwa kugira ngo babugeze ku batuye isi. Izina rya Kristo ni ryo rizaba ijamba ry'inyikirizo yabo, rikaba ikimenyetso kibatandukanya n'abandi, rikababera umurunga ubahuza, rikagorora imyitwarire ya bo kandi rikaba n'isoko yo gutsinda kwabo. Ikintu cyose kidafite ikimenyetso cya Kristo, ntigikwiye kwemerwa mu bwami bwe.

Ubutumwa bwiza bugomba kwerekanwa butameze nk'inyigisho ipfuye, ahubwo ari nk'imbaraga ikiza ishobora guhindura ubugingo. Imana yifuza ko ibikoresho byagiriwe ubuntu biyibera abahamya b'ubushobozi bwayo. Yakirana imbabazi nyinshi cyane abayicumuyeho bikabije mu mibereho yabo; iyo abo banyabyaha bihanyye ibohereza Umwuka wayo, maze ikabaha inshingano ikomeye cyane no kubohereza mu bigo by'abigometse kugira ngo bahigishirize iby'imbabazi zayo zitagira akagero. Ishaka ko abagaragu bayo bahamya icyo gikorwa: ko kubw'imbabazi zayo abantu bashobora kugera kuri kamere isa n'iyari muri Kristo no kunezererwa ubwishingizi bw'urukundo rwayo rw'inshi. Ishaka ko dushyira ahabona icyo gikorwa: ko nta buruhukiro bazabona igihe cyose abagize umuryango w'abantu bazaba batarongerwa kugarurirwa amahirwe yabo yera yo kuba abahungu n'abakobwa b'Imana.

Kristo afite impuhwe nk'iz'umushumba, urukundo nk'urw'umubyeyi n'ubuntu butagira ikibwanduza bw'Umukiza ugira ibambe. Ntabwo ashimishwa no kumenyekanisha imigisha ye gusa; ahubwo ayitanga mu buryo bwo gukebura abantu, kugira ngo abatere icyifuzo cyo gukomeza kuyitunga. Abakozi be bagomba kugira umwete wo kwerekana muri ubwo buryo ubutunzi bw'impano ye y'agahano. Urukundo ruzira amakemwa rwa Kristo ruzagira umurimo wo gutera inyota no gutsinda imitima mu gihe gusubiramo amahame by'imigenzo gusa bitagira akamaro. «Uwiteka Imana iravuga, ati: Nimuhumurize, muhumurize ubwoko bwanjye» «Yewe wumvishe i Sioni inkuru z'ibyiza, zamuka umusozi muremure, yewe wumvishe i Yerusalemu inkuru z'ibyiza, rangurura ijwi ryawe cyane; rirangurure witinya. Ubwire imidugudu y'i Buyuda, uti : dore Imana yawe! ... Izaragira umukumbi wayo nk'umushumba. Izateraniriza abana b'intama mu maboko, ibaterurire mu gituza.¹³» Ni inyamibwa «iruta abantu inzovu» kandi ni ukuri «ni mwiza bihebuje.¹⁴» Amagambo yo kubisobanura ntahagije. Ahubwo dukwiye kumugaragaza mu mico yacu kandi tukamwerekana mu mibereho yacu. Kristo ashaka ko ishusho ye igaragara muri buri mwigishwa we wese. Kuko abo Imana yamenye kera «yabatoranije kera gushushanywa n'Umwana wayo.¹⁵» Bagomba kwereka ab'isi urukundo rwihangana rwa Kristo, kwera kwe, ubugiraneza bwe, imbabazi ze n'ukuri kwe.

Abigishwa ba mbere bajya kubwiriza ubutumwa. Bamenyekanisha Kristo mu mibereho yabo. «Umwami Yesu ari kumwe na bo abafasha, akomerasha ijambo rye ibimenyetso byagendanaga na ryo.¹⁶» Abigishwa be batangira kwitegura gukora umurimo wabo. Mu gihe cy'iminsi yabanjirije Pantekoti, barateranye maze bakuraho ibyabatandukanyaga byose. Bari bahuje umutima n'inama. Bishingikirije ku masezerano ya Kristo, bizeraga ko bahabwa imigisha maze basengana kwizera. Ntabwo ari bo bonyine bisabiraga icyo migisha kuko bari bafite icyifuzo cyo gukiza imitima. Kugira ngo Ubutumwa bwiza bugere ku mpera z'isi, basabaga Kristo imbaraga yari yarabazezeraniye. Ubwo nibwo Umwuka wera yamanukiye kuri bo maze ibihumbi byinshi byihana umunsi umwe.

No muri iki gihe bibasha kubaho. Nibigishe Ijambo ry'Imana mu cyimbo cyo kwigisha amagambo y'abantu. Abakristo bakwiriye gushyira ku ruhande

ibibatandukanya, maze bakiyegurira Imana kugira ngo bageze agakiza ku bagiye kurimbuka. Bakwiriye gusaba imigisha y’Imana bafite kwizera kandi bazayihabwa. Isukwa ry’Umwuka wera mu gihe cy’intumwa ni ryo rigereranywa n’imvura y’umuhindo,¹⁷ kandi umusaruro wabaye munini. Ariko imvura y’itumba yo izaba nyinshi cyane.

Abiyegurira Imana rwose ubugingo, umwuka n’umubiri bazajya bahabwa buri muni urugero rushya rw’imbaraga z’umubiri n’ubwenge. Amasoko adakama yo mu ijuru ari iruhande rwabo. Kristo aboherereza imbaraga z’umwuka we n’ubugingo bwe bwite. Umwuka wera akoresha imbaraga ze zikomeye mu mitima yabo no mu bwenge bwabo. Ubuntu bw’Imana burakuza kandi bukagwiza ubwenge bwabo; maze gutungana kose kwa kamere y’ubumana kukabafasha mu murimo wo gukiza imitima. Kubera gufatanya na Kristo baratunganywa rwose, bagashobozwa, atari kubw’intege nke za kimuntu maze bagashobora gusohozwa imirimo y’Ishoborabyose.

Umukiza yifuza kugaragariza abantu bose ubuntu bwe maze akabashyiraho ikimenyetso cya kamere ye. Abantu ni igikingi cy’e yagabanye, yifuza kubagira ab’umudendeze, babonye kandi bera. Nubwo satani yihatira gukoma mu nkokora gusohora k’uwo mugambi, gutsinda kurashoboka kubera amaraso yasesewe ab’isi, kubw’icyubahiro cy’Imana n’icy’Umwana w’intama. Kristo azaruhuka ari uko amaze gutsinda ku buryo buhamye; ubwo nibwo «azabona ibituruka mu bise by’ubugingo bwe bimushimishe, bimuhaze.¹⁸» Amahanga yo mu isi yose azumva Ubutumwa bwiza bw’ubuntu bwe. Bose ntabwo bazakira ubwo buntu; ariko «abuzukuruza bazamukorera, abazavuka bazababwira iby’Umwami.¹⁹» «Ubwami n’ubutware n’ingoma z’abami bo muni y’ijuru bizahabwa ubwoko bw’abera b’Isumbabyose» kandi “isi izuzurwamo no kumenya Uwiteka nk’uko amazi asendera hose.” «Nibwo bazubaha izina ry’Uwiteka uhereye iburengerazuba, bakubaha icyubahiro cy’e uhereye aho izuba rirasira.²⁰»

“Erega ibirenge by’uzanye inkuru nziza ni byiza ku musozi, akamamaza iby’amahoro, akazana inkuru z’ibyiza, akamamaza iby’agakiza, akabwira i Sioni ati : Imana yawe iri ku ngoma. Nimuturagare muririmbire hamwe munezerewe, mwa myanya y’i Yerusalemu mwe yabaye imyirare, kuko Uwiteka ahumuriza abantu be, acunguye i Yerusalemu. Uwiteka ahina umwambaro wo ku kuboko kwe kwera imbere y’amahanga yose, impera z’isi zose zizabona agakiza k’Imana

yacu.²¹”

1. Iki cyigisho kiboneka muri Matayo 28:16-20.
2. Mariko 16:15.
3. Mariko 16:17,18.
4. Matayo 4:23; 9:6.
5. Ibyahishuwe 22:17.
6. 1 Abakorinto 12:11.
7. Yohana 9:7.
8. Yohana 5:14.
9. Kuva 15:26.
10. Gutegeka kwa kabiri 7:15.
11. Zaburi 105:37.
12. Luka 13 :27.
13. Yesaya 40 :1,9-11.
14. Indirimbo ya Salomo 5 :10,16.
15. Abaroma 8 :29.
16. Mariko 16 :20.
17. Yoweli 2 :23.
18. Yesaya 53 :11.
19. Zaburi 22 :31.
20. Danieli 7:27; Yesaya 11:9; 59:19. 21. Yesaya 52:7-10.

*** **

87. NGIYE KWA DATA, ARI WE SO



Igihe cyari kigeze ngo Yesu yicare ku ntebe ya Se.¹ Ameze nk'umuneshi w'Imana, yari agiye gusubira yo ari kumwe n'iminyago yo gutsinda kwe, kugira ngo ayijyane mu bikari byo mu ijuru. Mbere y'urupfu rwe yari yabwiye Se ati : “Narangije umurimo wampaye gukora.”² Nyuma yo kuzuka yamaze igihe gito ku isi

amenyereza abigishwa be umubiri we wazutse kandi ufite ubwiza. Ubu rero yari agiye kubasiga. Yari amaze kubagaragariza ko ari Umukiza muzima. Abigishwa be ntibari bagikwiriye kumutekereza mu bapfuye. Bashoboraga kubona ahawe icyubahiro mu maso y'abo mu ijuru.

Mu kujya mu ijuru kwa Yesu yahisemo ahantu yari yarejeje, aho yakundaga kuba igihe kirekire, ari kumwe n'abantu. Ntabwo ari ku musozi wa Sioni ahari umurwa wa Dawidi cyangwa ku musozi wa Moriya ahari urusengero hagize amahirwe yo guhabwa icyo cyubahiro, kuko aho ngaho Kristo yahatukiwe bakanamwanga. Aho ngaho imirasire y'ubuntu n'urukundo byahoraga byisukiranya iteka, yari yanzwe n'imitima yinangiye nk'urutare. Niho Yesu yavuye umutima wenda guturitswa n'agahinda, maze yigira ku musozi wa Elayono kugira ngo aruhuke. Mbere y'uko ubwiza bw'Imana bukurwa mu rusengero rwa mbere, bwabanje guhagarara ku musozi w'iburasirazuba nk'ubushidikanya gukurwa ku murwa watoranyijwe; ni na ko Kristo yahagaze ku musozi wa Elayono yitegereza i Yerusalemu umutima we wuzuyemo ibitekerezo byinshi. Udushyamba n'ibibaya by'uwo musozi byari byarejeje n'amarira n'amasengesho bye. Ibikombe byaho bihanamye byari byarakwirakwije urusaku rwo kuneshya rwa rubanda rwashakaga kumwimika ngo abe Umwami. Mu micamo y'aho ni ho Yesu yabonye icumbi kwa Lazaro w'i Betaniya. Munsu y'uwo musozi hari agashyamba ka Getsemani, aho yasengeye kandi akarwana intambara wenyine. Aho ni ho yagombaga kuzamukira agiye mu ijuru. Mu mpinga ya Elayono niho azakandagiza ibirenge ubwo azaba agarutse ubwa kabiri. Azahishurwa atakiri umunyamibabaro wamenyereye intimba,

ahubwo ari Umwami w'icyubahiro kandi ari umuneshi; Abaheburayo bazaba baririmba Haleluya naho abanyamahanga baririmba Hoziyana maze amajwi yabo yo guhimbaza bayabumbire hamwe n'amajwi y'ingabo zitabarika z'abacunguwe bumvikanishe aya ngo : “Nimumwambike ikamba abe Umwami wa bose.”

Yesu ajyana n'abo cumi n'umwe kuri uwo musozi. Ubwo banyuraga mu marembo y'i Yerusalemu amaso menshi yarebanaga amatsiko iryo tsinda ritoya ryari rirangajwe imbere n'uwo abatware b'ishyanga ryabo bari baherutse guciraho iteka ryo gupfa, mu byumweru bike bishize, maze bakamubamba. Abigishwa bari bataramenya ko uko ari ko kubonana kwa nyuma n'Umwigisha wabo. Yesu ntiyahwemye kuganira n'abo abigisha ibyo yari yarabigishije mbere. Ahagarara umwanya muto hafi y'agashyamba ka Getsemani kugira ngo abahe umwanya wo kwibuka ibyigisho yabahaye muri rya joro rye ry'umubabaro. Yongera kwitegereza ishami yifashishije kugira ngo asobanure ubumwe itorero rye rifitanye na we na Se, yongera gusubira mu magambo y'ukuri yari yarigeze kubabwira. Ahari hamukikije hose, habibutsaga iby'urukundo rwe n'iby'uko bo bari indashima. Ndetse n'abari abigishwa be magara-ntunsige baramuhanye mu gihe yari mu mubabaro utavugwa kandi yuzuweho no gukobwa, maze baramusigirira baramuhunga.

Kristo yamazwe imyaka mirongo itatu n'itatu hano mu isi, yihanganira gusuzugurwa n'ibitutsi ndetse no kugirwa urw'amenyo; yaranzwe kandi arabambwa. None ubwo yari ageze igihe cyo kuzamuka ngo ajye ku ntebe y'ubwiza yatekerezaga uburyo abo yaje gukiza ari indashima, mbese yari akwiriye kubakuraho urukundo n'impuhwe ze? Mbese ntiyari agiye kwibanda ku bwami akunda, aho abamaraika bamwubaha kandi bakaba biteguye gusohozza amategeko abahaye? Oya. Ibyo biremwa bikundwa yasize ku isi yabihaye iri sezerano ngo : «dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.^{3»}

Ageze ku musozi wa Elayono, Yesu ajyana abigishwa be hirya y'impinga yawo bugufi bw'i Betaniya. Arahahagarara abo bari kumwe baramwegera. Imirasire y'umucyo yasaga n'iyamuturukagaho mu gihe yabitegerezanyaga ineza. Ntabwo yigeze abagaya kubw'amafuli yabo cyangwa kuba baratsinzwe; amagambo aheruka bumvanye Umukiza wabo yagaragazaga ikimenyetso

cy'urukundo rwinshi. Arambura amaboko nk'uko yabigenzaga, abaha umugisha; kandi abaha ibyiringiro by'uburinzi bwe budatezuka, atandukanywa na bo buhoro buhoro ajyanywe mu ijuru n'imbaraga ikomeye cyane itagize aho ihuriye na rukuruzi y'isi. Mu gihe atari akigaragara neza, abigishwa bakomeje kurarama bamureba bababaye kugira ngo nibura barabukwe Umwami wabo buheruka. Igicu cy'ubwiza kiramubakingiriza; maze ubwo igare ry'abamaraika, ryari rigoswe n'igicu ryamwakiraga, bongera kumva aya magambo ngo : « dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi!» Muri uwo mwanya indirimbo nziza iryoheye amatwi y'umutwe w'abamaraika ibageraho.

Nuko bakiraramye bareba mu ijuru abigishwa bakomeza kumva amajwi meza cyane. Bakebutse iruhande rwabo babona abamaraika babiri mu ishusho y'abantu barababwira bati : «bagabo b'i Galilaya ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru.»

Abo bamaraika bari bamwe mu bagize itsinda ryari muri icyo gicu kirabagirana ryari rishagaye Yesu ajya mu buturo bwo mu ijuru. Bari bafite umwanya wo hejuru muri izo ngabo z'abamarayika; ni bo bari bari ku mva ya Yesu Kristo igihe yazukaga, nyuma yo kubana na we mu mibereho ye yose. Ijuru ryose ryari ryategerezanyije amatsiko iherezo ryo kuba ku isi kwa Yesu, isi ivuyangwa n'umuvumo w'icyaha. Noneho igihe cyari kigeze ubwo abaturage b'ijuru bagombaga kwakira Umwami wabo. Washobora gutekereza neza ukiyumvisha uburyo abo bamaraika babiri bifuzaga cyane kwifatanya n'inteko yagombaga kwakira Yesu. Nyamara kuko buzuye urukundo kubera abo Umukiza yari asize, bemeye gusigara kugira ngo babahumurize. “Mbese abamaraika bese si imyuka iyikorera itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza? ⁴”

Yesu yazamuwe mu ijuru afite ishusho y'umuntu. Abigishwa baramurebye kugeza ubwo igicu cyamwakiraga. Yesu wa wundi wagendanaga na bo akavugana na bo kandi agasengana na bo; agasangira na bo umutsima; wari kumwe na bo mu bwato ku nyanja; kandi ni na we wazamukanye na bo kuri uwo munsu umusozi wa Elayono bibarushya; Yesu uwo ni we wari ugiye kwicarana na Se ku ntebe y'ubwami. Abamaraika babizeza ko uwo babonye azamuka ajya mu ijuru, azagaruka nk'uko bamubonye ajyayo.” Dore arazana n'ibicu kandi amaso

yose azamureba.” “Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse aya mu ijuru arangurure ijwi rirenga, n’ijwi rya maraika ukomeye n’impanda y’Imana. Nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka.” “Umwana w’umuntu ubwo azazana n’abamaraika bose, afite ubwiza bwe nibwo azicara ku ntebe y’ubwiza bwe.”⁵ Ubwo nibwo isezerano Yesu yasezeraniye abigishwa be rizaba risohoye ngo : kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye ngo aho ndi namwe muzabe yo.⁶ » Abigishwa bashobora kunezererwa mu byiringiro byo kugaruka k’Umwami.

Nuko basubiye i Yerusalemu, abantu babitegereza bumiwe. Bari biteze ko nyuma y’urubanza no kubambwa kwa Kristo bazababona bananiwe kandi bakozwe n’isoni, kandi mu maso yabo hagaragaza umubabaro no gutsindwa. Nyamara mu cyimbo cy’ibyoyi, icyo bababonye ni umunezero no kunesha. Mu maso habo harabagiranishwa n’umunezero utabonwa n’ab’isi. Mu cyimbo cyo gutakishwa nuko ibyiringiro byabo bibuze icyo bakoraga ni uguhimbaza no gushimisha Imana bavugana umunezero ibitangaza byo kuzuka kwa Yesu no kuzamurwa mu ijuru kwe, kandi abantu benshi bemeraga ubwo buhamya bwabo.

Abigishwa bari baretse gushidikanya iby’ahazaza. Bari bazi ko Yesu ari mu ijuru kandi ko ababikiye urukundo rwe. Biringiye bose badashidikanya ko bamufitemo Inshuti ibabereye hafi y’intebe y’Imana kandi ko mu izina rye bashobora gusaba Data wa twese; bapfukamana icyubahiro barasenga kandi bahoraga basubira muri aya masezerano ngo : « Icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye; musabe muzagihabwa, ngo umunezero wanyu ube wuzuye.⁷ » Baramburaga amaboko mu kwizera bakayerekeza hejuru bifashisha iyi mvugo ikomeye ngo : « Kristo Yesu ni we wapfuye ndetse yarazutse ari iburyo bw’Imana adusabira.⁸ » Pantekote ibazanira umunezero wuzuye kubera kuboneka k’Umufasha nk’uko Kristo yari yarabisezeranye.

Ijuru ryose ryari ryiteguye kwakira Umukiza ubwo yari yinjiye mu bikari byaryo. Yesu ni we wazamutse imbere akurikiwe n’iminyago myinshi, imfungwa zabohowe ubwo Yesu yazukaga. Ingabo z’abamalayika n’amajwi y’indirimo zo guhimbaza, zari zigose iyo nteko yari imushagaye inezereye.

S.3. Kandi ubwo bageraga hafi y’umurwa w’Imana, abashagaye Yesu

batara hejuru bati :

Mwa marembo mwe nimwunamuke, Mwa
marembo y'iteka mwe nimweguke Kugira
ngo Umwami w'icyubahiro abyukuruke.

Abarinzi b'umurwa bakabazanya umunezero bati : Uwo Mwami
w'icyubahiro ni nde?

Si uko batari bamuzi, ahubwo ni uko bashakaga uko bumva iki gisubizo
kinejeje, ngo :

Ni Uwiteka ufite imbaraga n'amaboko, Ni
Uwiteka ufite amaboko yo kurwana. Mwa
marembo mwe, nimwunamuke, Mwa marembo
y'iteka mwe, nimweguke Kugira ngo Umwami
w'icyubahiro abyukuruke.

Abamaraika bongera kubaza ubwa kabiri bati : Uwo
Mwami w'icyubahiro ni nde ?

Kuko batarambirwa kumva iryo zina rihimbazwa. Abamushagaye
bagasubiza, bati : Uwiteka
Nyiringabo
Ni we Mwami w'icyubahiro !⁹

Nuko amarembo magari y'umurwa w'Imana arugururwa maze inteko
y'abamaraika yinjiranamo umunezero wo kunesha.

Aho hari intebe ikikijwe n'umukororombya w'isezerano. Hari abakerubi
n'abaserafi, abagaba b'ingabo z'abamaraika, abana b'Imana, abahagarariye amasi
ataracumuye. Inama yo mu ijuru ari yo Lusiferi yarezeho Imana n'Umwana wa yo
n'abahagarariye ubwo bwami butagira icyaha, abo satani yizezaga ko azabashyira
munsi y'ubutware bwe bose bakomera Umucunguzi amashyi. Bari bafite ishyushyu
ryo guhimbaza gutsinda kwe no guha Umwami wabo icyubahiro.

Ariko Yesu n'ikiganza cye akora ikimenyetso, arabahagarika. Igihe
ntikiragera; muri uwo mwanya ntabwo arashobora guhabwa ikamba ry'ubwiza
n'umwambaro wa cyami. Abanza kwiyereka Se. Yerekana umutwe we ufite inkovu
z'ikamba ry'amahwa n'urubavu rwe rwatwe icumu, ibirenge byakomerekejwe
n'ibiganza bifite inkovu z'imisumari. Yongera kwerekana umuganura
w'abazukanye na we, ari bo kimenyetso cyo kunesha kwe; abo ni bo bagereranya
inteko itabarika y'abazasohoka mu mva ubwo azaba agarutse. Yegera Imana Data
wa twese ihora iririmba indirimbo y'umunezero, uko umunyabyaha umwe yihanyye.

Guhera mbere yuko isi ibaho Data wa twese n'Umwana biyemeje kugira isezerano ridakuka ryo gucungura umuntu ubwo azaba amaze kuba ingaruzwamuheto ya satani. Byemejwe ku buryo budakuka ko Kristo ari we uzaba inshungu ya bene muntu. Kristo yakomeje isezerano rye. Data wa twese ni we Yesu yabwiye ubwo yari ku musaraba igihe yatakaga n'ijwi rirenga, ati : « Birarangiye. » Isezerano ryari risohoje umugambi waryo. Nuko aratangaza ati : Data, byose byarangiye. Mana yanjye nishimira gukora ibyo ukunda! Narangiye umurimo wo gucungura. None niba ubutabera bwawe bwabishimye, « ndashaka ko aho ndi, abo wampaye na bo bahabana nanjye.¹⁰»

Nuko ijwi ry'Imana ritangaza ko ubutabera bwanyuzwe. Satani yatsinzwe. Abababazwa kandi bakarwanira Kristo hano ku isi, baba bemewe mu Mwana wayo ikunda.¹¹ Baba bemewe ko bakiranuka imbere y'abamaraika bo mu ijuru n'imbere y'abahagarariye amasi ataracumuye. Umunsi umwe itorero rye rizaba aho ari. « Imbabazi n'umurava birahuye, gukiranuka n'amahoro birahoberanye.¹²» Data wa twese ahobera Umwana we, maze itegeko riratangwa ngo : « Abamaraika bose bamuramye.¹³»

Nuko n'umunezero utavugwa, abatware n'abafite ubushobozi, n'abatega bemera ubutware buheranije bw'Igikomangoma gitanga ubugingo. Ingabo z'abamaraika ziramupfukamira mu gihe indirimbo y'umunezero yuzuraga mu bikari byo mu ijuru, ngo : « Umwana w'intama watambwe, ni we ukwiriye guhabwa ubutware n'ubutunzi, ubwenge, imbaraga, guhimbazwa, icyubahiro n'ishimwe.¹⁴»

Urukundo ruratsinze. Uwari wazimiye yabonetse. Nuko inanga z'abamaraika ziherekeranya n'indirimbo zo kunesha : ijuru n'umunezero mwinshi no gushima byumvikanisha aya majwi meza ngo : « Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'Iyicaye ku ntebe n'iby'Umwana w'intama iteka ryose.¹⁵»

S.2. Igikorwa cy'uwo munezero wo mu ijuru, twebe abari ku isi cyatugejejeho ijwi ry'aya magambo meza yavuzwe na Kristo ngo : « Ndazamutse ngiye kwa Data ari we So kandi ku Mana yanjye ari yo Mana yanyu.¹⁶» Umuryango

wo mu ijuru n'uwa hano ku isi ni umwe. Umukiza yazamutse mu ijuru ku bwacu kandi ariho ku bwacu. « Nicyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ngo abasabire.¹⁷»

1. Iki cyigisho kiboneka muri Luka 24:50-53; Ibyakozwe n'intumwa 1 :9-12.
2. Yohana 17 :4.
3. Matayo 28 :20.
4. Abaheburayo 1 :14.
5. Ibyahishuwe 1 :7 ; 1 Abatesalonike 4 :16 ; Matayo 25 :31.
6. Yohana 14:3.
7. Yohana 16:23,24.
8. Abaroma 8:34.
9. Zaburi 24:7-10.
10. Yohana 19:30; 17:24.
11. Abefeso 1:6.
12. Zaburi 85:11.
13. Abaheburayo 1:6.
14. Ibyahishuwe 5:12.
15. Ibyahishuwe 5:13.
16. Yohana 20:17. 17. Abaheburayo 7:25.

*** **